INTAMBARA IKOMEYE

The Great Controversy

Between Christ and Satan

The Conflict of Ages in the Christian Dispensation
by

Ellen G.White

PACIFIC PRESS PUBLISHING ASSOCIATION

Mountain View, California

Printed in Korea

INTAMBARA IKOMEYE

Itorero ry'Abadiventisiti b'Umunsi wa
Karindwi mu Rwanda
B.P. 367
Kigali-Rwanda

Ellen G. White

**Itorero ry'Abadiventisiti b'Umunsi wa
Karindwi mu Rwanda
B.P. 367
Kigali-Rwanda**

UBUTUMWA KU MUSOMYI

Musomyi, ntabwo iki gitabo cyandikiwe kutumenyesha ko muri iyi si hariho icyaha, ibyago n'ubuhanya. Ibyo dusanzwe tubizi neza. Ntabwo cyandikiwe kutumenyesha ko nta huriro riri hagati y'umucyo n'umwijima, icyaha n'ubutungane, ukuri n'ibinyoma, ndetse no hagati y'urupfu n'ubugingo. Ibyo turabizi neza mu mitima yacu, kandi tuzi ko iyo ntambara tuyirimo kandi tuyihoramo.

Nyamara hari ubwo buri wese muri twe agira igihe yifuza gusobanukirwa biruseho n'iby'iyo ntambara ikomeye. Iyo ntambara yatangiye ite? Cyangwa se yahoze iriho? Mbese ni ibiki bikubiye mu rusobe rwayo ruteye ubwoba? Mpuriye hehe na yo? Uruhare rwanjye ni uruhe? Nibonye kuri iyi si ntabyihitiyemo. Mbese kuri njye ibyo ni byiza cyangwa ni bibi?

Ni ayahe mahame akomeye arebwa n'iyo ntambara? Iyo ntambara izageza ryari? Izarangira ite? Mbese iyi si izarohama mu ijoro ricuze umwijima, ry'ubutita kandi rihoraho nk'uko abanyabwenge bamwe batubwira? Cyangwa ifite ahazaza harushijeho kuba heza, hazabengeranishwa n'imibereho myiza, kandi hazasusurutswa n'urukundo rw'Imana?

Ikibazo n'ubu kiracyari iki: Mbese intambara iri mu mutima wanjye bwite, ubushyamirane buri hagati yo kwihugiraho kwiyongera muri jye n'urukundo rugenda rushira, izarangira ite icyiza kinesheje, kandi irangiye burundu? Bibiliya ibivugaho iki? Ni iki Imana itwigisha kuri icyo kibazo gihora ari ingenzi ku muntu wese?

Ibibazo nk'ibi bitugeraho biturutse impande zose, bikanaturuka mu mutima wacu bwite, bikeneye igisubizo nyakuri.

Ni iby'ukuri ko Imana yaturemanye kwifuza ibirushijeho kuba byiza no kwifuza ukuri. Ntabwo Izigera itwima igisubizo ku byo dukeneye kumenya byose, kuko « Imana itazagira icyo ikora itabanje kugihishurira abagaragu bayo b'abahanuzi. »

Musomyi, Intego y'iki gitabo ni ugufasha umuntu ubuze amahwemo kubona igisubizo gikwiriye cy'ibyo bibazo byose. Iki gitabo cyanditswe n'umuntu wasogongeye ku kumenya Imana asanga ari nziza, kandi binyuze mu gusabana n'Imana ndetse no mu kwiga ijambo ryayo, yamenye ko Uhoraho ahishurira ibanga rye abamwubaha, kandi ko azabakomereza isezerano rye.

Kugira ngo turusheho kumenya neza amatwara y'iyo nt ambara ibinyabuzima n'ibyaremwe byose bisibaniramo, umwanditsi yayidusobanuriye binyuze mu mfashanyigisho y'ibintu bikomeye, bigaragara ku buryo bweruye byabaye mu binyejana makumyabiri bishize.

Igitabo gitangirwa n'ibintu bibabaje byabaye mu ndunduro y'amateka ya Yerusalemu, umurwa w'ubwoko bw'Imana yatoranyije, kandi byababayeho ubwo bwoko bumaze kwanga kwakira Uwabambiwe i Kaluvari wazanywe no gukiza abantu. Guhera icyo gihe ugakomeza, iki gitabo kigenda kijyana n'umurongo mugari amahanga yo ku isi yanyuzemo, kitwereka akarengane kabaye ku bayoboke b'Imana mu binyejana bya mbere, ubuyobe bukomeye bwagaragaye mu itorero

ryayo, gukanguka kw'isi ikanguwe n'Ubugorozi bwagaragariyemo ku buryo bweruye amwe mu mahame akomeye y'iyo ntambara; icyigisho kibabaje twigira ku kuntu Ubufaransa bwanze amahame y'ukuri; ububyutse no kwererezwa kw'Ibyanditswe Biziranenge, ndetse n'imbaraga yabyo y'ingirakamaro kandi ikiza ubugingo bw'abantu ; gukanguka mu by'iyobokamana ko mu minsi iheruka ; guhishurwa kw'isoko irabagirana y'ijambo ry'Imana, hamwe n'ukuntu rihishura bitangaje umucyo n'ubumenyi byo guhashya kwaduka kubi kwa buri gishuko cy'umwijima.

Iyo ntambara idusatiriye ndetse n'amahame y'ingenzi yibasiye, ikaba ari intambara itarimo umuntu n'umwe ushobora kuvuga ko ntaho abogamiye, isobanurwa muri iki gitabo mu buryo butagoye kumva, busobanutse neza kandi bufite imbaraga.

Ku musozo w'ibyo byose, iki gitabo kitubwirwa iby'intsinzi ihoraho kandi ihebuje y'icyiza gitsinze ikibi, ukuri gutsinze ikinyoma, umucyo utsinze umwijima, umunezero utsinze umubabaro, ibyiringiro bitsinze kwiheba, ikuzo ritsinze ipfunwe no gukorwa n'isoni, ubugingo buneshеje urupfu, n'urukundo rudashira kandi rutanamuka rutsinze urwango rwo kwihorera.

Inyandiko z'iki gitabo zacapwe mbere zayoboye abantu benshi ku Mwungeri Nyakuri. Isengesho ry'Abacyanditse rero ni uko iki gitabo cyarushaho kubera abasomyi ingirakamaro kubw'ibyiza bizahoraho kibagezaho.

Abanditsi.

Ijambo ry'Ibanze

Icyaha kitarabaho, Adamu yashimishwaga no kugirana umushyikirano usesuye n'Umuremyi we. Ariko guhera igihe umuntu yitandukanyaga n'Imana bitewe no kuyicumuraho, ikiremwamuntu cyabuze ayo mahirwe y'agahebuzo. Nyamara binyuze mu nama y'agakiza, habonetse uburyo buhesha abatuye iyi si gukomeza kugira umuyoboro ubahuza n'ijuru. Imana yagiye ivugana n'abantu binyuze muri Mwuka Muziranenge, kandi umucyo w'ijuru umurikira isi binyuze mu byahishuriwe abagaragu bayo yatoranyije. « Abantu b'Imana bavugaga ibyavaga ku Mana bashorewe na Mwuka Muziranenge » 2 Petero 1:21.

Mu gihe cy'imyaka ibihumbi bibiri na magana atanu ibanza y'amateka y'inyokomuntu, nta nyandiko y'ibyo Imana yahishuriraga abantu yariho. Ababaga bigishijwe n'Imana babwiraga abandi ibyo bamenye, ababyeyi bakabibwira abana babo uko ibisekuruza byagendaga bikurikirana. Gushyira amagambo y'Imana mu nyandiko byatangiye mu gihe cya Mose. Kuva ubwo rero, ibyahishuwe na Mwuka w'Imana byandikwaga mu gitabo cyera. Uwo murimo wakomeje utyo igihe kirekire cy'imyaka igihumbi na magana atandatu, guhera kuri Mose wanditse iby'irema n'amategeko kugeza kuri Yohani wanditse ukuri guhebuje kw'ubutumwa bwiza. Bibiliya yerekana ko yakomotse ku Mana; nyamara yanditswe n'ibiganza by'abantu; kandi mu ngeri zinyuranye z'imyandikire y'ibitabo bitandukanye biyigize, yerekana imico yarangagaga abanditsi bayo benshi. Ukuri kose kwahishuriwe umuntu « kwahumetswe n'Imana » (2 Timoteyo 3:16), ariko kwasobanuwe mu magambo y'abantu. Uhoraho yamurikiye ibitekerezo n'imitima by'abagaragu be akoresheje Mwuka Muziranenge. Yabahaye kurota inzozi no kugira amayerekwa, yabahishuriye ukuri mu bimenyetso n'amashusho; nuko abo bahishuriwe uko kuri bakagaragaza igitekerezo gikubiye mu byo bahishuriwe bakoresheje imvugo ya kimuntu.

Amategeko cumi yavuzwe n'Imana ubwayo, kandi yanditswe n'ikiganza cyayo bwite. Ni ay'Imana ntabwo yashyizweho n'umuntu. Nyamara Bibiliya, yanditswemo ukuri kwatanzwe n'Imana ariko kugasobanuzwa imvugo y'abantu, yerekana ubumwe ubumana bufitanye n'ubumuntu. Ubwo bumwe bwagaragaye mu mibereho ya Kristo wari Umwana w'Imana akaba n'Umwana w'umuntu. Kubw'ibyo rero, nk'uko byari bimeze kuri Kristo ni na ko biri kuri Bibiliya ko «Jambo uwo yabaye umuntu abana natwe »[1]

Ibitabo bya Bibiliya, byanditswe mu bihe bitandukanye, byanditswe n'abantu bari batandukaniye cyane mu nzego barimo no mu mirimo bakoraga, bafite ubushobozi mu by'ubuhanga no mu by'umwuka butandukanye ; bigaragaza itandukaniro rikomeye mu buryo bw'imyandikirwe yabyo ndetse n'urunyuranyurane rw'imiterere y'insanganyamatsiko zibikubiyemo. Abanditsi batandukanye bakoresheje imvugo zitandukanye; akenshi ukuri kumwe kwahuriweho n'abanditsi benshi, umwe akagusobanura neza kuruta uko undi yagusobanuye. Nuko rero uko abo banditsi benshi bagiye basobanura ingingo imwe mu buryo butandukanye, umusomyi utitonze ngo ashishoze cyangwa umusomyi ufite imyumvire mibi asanganywe ashobora kubona ko izo nyandiko zivuguruzanya, mu gihe umwigishwa wumvira kandi ushyira mu gaciro amenya aho ifatizo ryo kuzuzanya kwazo riri.

Nk'uko ukuri kwanyujijwe mu banditsi banyuranye, ni na ko kwerekanywe mu ngeri zitandukanye zikugize. Umwanditsi umwe yumvaga ashishikajwe cyane n'uruhande rumwe rw'ingingo iyi n'iyi, agasobanukirwa n'ibijyanye n'urwo ruhande bihuye n'ibyo yanyuzemo mu mibereho ye cyangwa n'ubushobozi bwe bwo gusobanukirwa ndetse n'ubwo kugira ibyo akunda. Undi yavugaga urundi ruhande; nuko buri wese ayobowe na Mwuka Muziranenge yanditse icyo abona kimukora ku mutima cyane- buri wese yavuze ukuri mu buryo butandukanye n'ubwa mugenzi we ariko bose bagahuza mu buryo bwuzuye. Nuko rero uko kuri kwerekanywe muri ubwo buryo guhuriza hamwe kukaba ukuri gushyitse, kuberanye no gukemura ibyo abantu bifuza mu bihe ibyo ari byo byose no mu byo banyuramo byose mu mibereho yabo.

Imana yashimishijwe no kumenyesha abatuye isi ukuri kwayo ikoresheje abantu, kandi ibinyujije muri Mwuka wayo Muziranenge, yo ubwayo ibashoboza gukora uwo murimo. Yayoboye ibitekerezo byabo mu gutoranya ibyo bagomba kuvuga no kwandika. Ubwo butunzi bwanyujijwe mu bantu batuye ku isi, ariko bwari buturutse mu ijuru. Nubwo ubwo buhamya bwanyujijwe mu mvugo ya kimuntu idatunganye, ni ubw'Imana; bityo umwana w'Imana uyumvira kandi uyizera abubonamo ikuzo ry'ubushobozi bw'Imana bwuzuye ubuntu n'ukuri.

Mu ijambo ryayo, Imana yahaye abantu ubwenge bakeneye kumenya kubw'agakiza kabo. Bagomba kwemera Ibyanditswe Biziranenge nk'ihishurwa ry'ubushake bwayo rifite ububasha kandi ritarimo kwibeshya. Ni byo rugero fatizo rw'imico iboneye, ni byo byerekana inyigisho n'amahame bikwiriye, kandi ni byo gipimo cy'imibereho y'abantu. «Ibyo byanditswe byose byahumetswe n'Imana, kandi bifite akamaro ko kwigisha umuntu ukuri no kwamagana ibibi, gukosora umuntu no kumumenyereza gutunganira Imana, kugira ngo umuntu w'Imana abe ashyitse kandi atunganyirijwe rwose gukora ibyiza byose».[2]

Ariko nubwo Imana yeretse abantu ubushake bwayo ibinyujije mu Ijambo ryayo, ntabwo ibyo bituma umurimo wa Mwuka Muziranenge wo guhorana natwe atuyobora udakenewe. Ibiri amambu, Umukiza wacu ni we wadusezeraniye Mwuka Muziranenge wo kubumburira abagaragu be Ijambo rye, kuribagaragariza ndetse no kubashoboza gushyira mu bikorwa ibyo ribigisha. Nuko rero ubwo Ibyanditswe byera byahumetswe na Mwuka w'Imana, ntibishoboka ko ibyo Mwuka yigisha byakwigera binyuranya n'ibyo iryo Jambo ryigisha.

Ntabwo Mwuka Muziranenge yatangiwe-kandi nta nubwo ashobora gutangirwa-kugira ngo asimbure Bibiliya; kuko Ibyanditswe bisobanura neza ko Ijambo ry'Imana ari ryo rugero inyigisho zose ndetse n'imibereho yacu bigomba gupimirwaho. Intumwa Yohana yaravuze ati: « Bakundwa, ntimwizere imyuka yose ahubwo mugerageze imyuka ko yavuye ku Mana, kuko abahanuzi b'ibinyoma benshi badutse bakaza mu isi » Yesaya na we aravuga ati:[3]« Nimusange amategeko y'Imana n'ibiyihamya. Nibatavuga ibihwanye n'iryo Jambo nta museke uzabatambikira »[4]

Umurimo wa Mwuka Muziranenge wagiye ugayishwa cyane n'amakosa y'itsinda ry'abantu bavuga ko bamaze kumurikirwa na wo bityo bakaba batagikeneye kuyoborwa n'ijambo ry'Imana. Bayoborwa n'ibyo biyumvamo bibwira ko ari ijwi ry'Imana rivugira mu muntu. Ariko umwuka ubakoresha si Umwuka w'Imana. Uko kuyoboka ibyo abantu biyumvamo baretse kwita ku Byanditswe Byera, nta handi bibaganisha hatari mu kugwa mu rujijo, mu bishuko no ku kurimbuka. Ibyo

1 Yohani 1:14

2 2 Timoteyo 3:16,17 [Bibiya Ijambory'Imana]
3 1 Yohani 4:1

bigambiriye gusa guteza imbere imigambi y'umubi. Bitewe nuko umurimo wa Mwuka Muziranenge ufitiye itorero rya Kristo akamaro gakomeye, umwe mu migambi ya Satani, akoreye mu makosa y'abahezanguni n'abakabya mu myizerere, ni ugusebya uwo murimo wa Mwuka no gutera abantu b'Imana kutita kuri iyo soko y'imbaraga zitangwa n'Umukiza wacu ubwe.

Mu buryo buhuje n'Ijambo ry'Imana, Mwuka Wayo yagombaga gukomeza umurimo waryo mu gihe ubutumwa bwiza bwamamazwaga. Mu myaka y'igihe imigabane yombi y'Ibyanditswe Byera (Isezerano rya Kera n'Isezerano Rishya) yandikwaga, ntabwo Mwuka Muziranenge yigeze areka kumurikira abantu umucyo wiyongera ku byo Imana yahishuye byagombaga gushyirwa mu bitabo byemewe bigize Ibyanditswe byera. Bibiliya ubwayo ivuga ukuntu, binyuze muri Mwuka Muziranenge, abantu bahawe imiburo, baracyahwa, bagirwa inama, n'ukuntu bahawe amabwiriza ku bintu bidafitanye isano n'itangwa ry'Ibyanditswe Byera. Ivuga kandi abahanuzi babayeho mu bihe bitandukanye ariko ibyo bahanuye bikaba bitaranditswe. Muri ubwo buryo rero, nyuma y'uko ibitabo bigize Ibyanditswe byera birangira kwandikwa, Mwuka Muziranenge yagombaga gukomeza umurimo wabyo wo kumurikira abana b'Imana, kubaburira no kubahumuriza.

Yesu yasezeranije abigishwa be ati : « Ariko Umufasha ari we Mwuka Wera, uwo Data azatuma mu izina ryanjye ni we uzabigisha byose, abibutse ibyo nababwiye byose." "Uwo Mwuka w'ukuri naza azabayobora mu kuri kose, ...kandi azababwira ibyenda kubaho. »[5] Ibyanditswe Byera byigisha mu mvugo isobanutse ko aya masezerano atarebanaga n'ibihe by'intumwa gusa, ahubwo ko ari ay'Itorero rya Kristo mu bihe byose. Umukiza ahamiriza abamukurikira ati « Dore ndi kumwe namwe iminsi yose kugeza ku mperuka y'isi.»[6] Intumwa Pawulo na we avuga ko impano no kwigaragaza bya Mwuka Muziranenge byashyizwe mu itorero « Kugira ngo abera batunganirizwe rwose gukora umurimo wo kugabura iby'Imana no gukomeza umubiri wa Kristo, kugeza ubwo twese tuzasohora kugira ubumwe bwo kwizera no kumenya Umwana w'Imana, kandi kugeza ubwo tuzasohora kuba abantu bashyitse bageze ku rugero rushyitse rw'igihagararo cya Kristo. »[7]

Intumwa Pawulo yasabiye abizera bo muri Efeso ku Mana ati : « Kugira ngo Imana y'Umwami wacu Yesu Kristo, ari yo Data wa twese w'icyubahiro, ibahe umwuka w'ubwenge no guhishurirwa bitume muyimenya, ngo amaso y'imitima yanyu abone uko ahweza mumenye n'ubutunzi n'ubwiza bw'ibyo azaraga abera, mumenye n'ubwinshi bw'imbaraga zayo butagira akagero, izo iha twebwe abizeye nk'uko imbaraga z'ububasha bwayo bukomeye ziri. "[8] Umurimo ukorwa na Mwuka Muziranenge wo kumurikira ubwenge no gusobanurira intekerezo amabanga yimbitse yo mu ijambo ryera ry'Imana, ni yo migisha Pawulo yasabiye itorero rya Efeso.

Nyuma yo kwigaragaza gutangaje kwa Mwuka Muziranenge ku munsi wa Pentekote, Petero yahuguriye abantu kwihana no kubatizwa mu izina rya Kristo kugira ngo bababarirwe ibyaha, nuko arababwira ati «… kandi namwe muzahabwe iyi mpano y'Umwuka Wera, kuko isezerano ari iryanyu n'abana banyu n'abari kure bose, abazahamagarwa n'Umwami Imana yacu. »[9]

Avuga ibijyanye n'ibizaba ku munsi ukomeye w'Imana, Umukiza abinyujije mu muhanuzi Yoweli, yasezeranye ko Mwuka we azigaragaza mu buryo budasanzwe. Yoweli 2:28. Umugabane umwe w'ubwo buhanuzi wasohoye igihe Mwuka Muziranenge yasukwaga ku munsi wa Pentekote, nyamara buzasohozwa mu buryo bwuzuye mu kwigaragaza k'ubuntu bw'Imana buzagaragarira mu gusoza umurimo wo kubwiriza Ubutumwa bwiza.

Intambara ikomeye iri hagati y'icyiza n'ikibi izakaza umurego kugeza mu bihe biheruka. Mu bihe byose byabayeho, Satani yagiye arakarira itorero rya Kristo; ariko Imana yakomeje kugirira abantu bayo ubuntu kandi ibaha Mwuka wayo kugira ngo abatere imbaraga zo guhangana n'imbaraga z'umubi bashikamye. Mu gihe intumwa za Kristo zagombaga kujyana ubutumwa bwe zibushyiriye abari mu isi kandi zigomba no kubwandikira abantu bo mu bihe byose byari kuzakurikiraho, zahawe umucyo udasanzwe uvuye kuri Mwuka Muziranenge. Ariko uko itorero ryegereza gucungurwa kwaryo guheruka, Satani azakoresha imbaraga zikaze byimazeyo. Yabamanukiye « afite umujinya mwinshi, azi yuko afite igihe gito. »[10] « Kuza k'uwo mugome kuri mu buryo bwo gukora kwa Satani, gufite imbaraga zose n'ibimenyetso n'ibitangaza by'ibinyoma » [11]

Mu myaka ibihumbi bitandatu, uwo sekibi w'umunyambaraga wahoze ari umukuru w'abamarayika b'Imana, yirunduriye mu murimo wo kuyobya abantu no kubarimbura. Kandi ubwenge bwagutse bwa Satani n'ubucakura yungutse, ndetse n'ubugome yakusanyije muri izo ntambara zamaze igihe kirekire, azabisuka ku bantu b'Imana mu ntambara iheruka kugira ngo abarwanye.

Muri iki gihe cy'akaga, abayoboke ba Kristo bakwiriye kuburira abari mu isi ngo bitegure kugaruka k'Umukiza bityo ubwo azaba aje hazabe hari abantu biteguye guhagarara imbere ye badatsinzwe «batariho umugayo, badafite ikizinga mu maso ye. »[12] Muri icyo gihe itorero ry'Imana rizaba rikeneye guhabwa ubuntu bw'Imana n'imbaraga yayo bidasanzwe nk'uko byari bikenewe mu gihe cy'intumwa.

Amurikiwe na Mwuka Muziranenge, umwanditsi w'iki gitabo yahishuriwe urugamba rw'intambara iri hagati y'icyiza n'ikibi imaze igihe kandi igikomeje. Mu bihe binyuranye nagiye nemererwa kwitegereza imigendekere y'iyo ntambara ikomeye ishyamiranyije Kristo, Umwami w'ubugingo kandi akaba Inkomoko y'agakiza kacu na Satani, umugenga w'ikibi, isoko y'icyaha kandi akaba uwa mbere wagomeye amategeko y'Imana azira inenge. Urwango Satani afitiye Kristo yagiye arugaragariza mu kwanga abayoboke be. Uko kwanga amahame akubiye mu mategeko y'Imana, ayo matwara yo gushukana, bituma ikinyoma kigaragara nk'aho ari ukuri, bituma amategeko y'abantu asimbura ay'Imana, kandi bigatuma abantu baramya ikiremwa aho kuramya Umuremyi, bigaragara mu mateka yose y'ibihe byahise. Umwete Satani afite wo gusebya imico y'Imana kugira ngo atume abantu batekereza Umuremyi wabo nabi, bityo bakamwitwaraho bafite ubwoba n'urwango aho kumukunda; umuhati we wo gupfobya amategeko y'Imana ngo atere abantu kwibwira ko bafite umudendezo wo kutayakurikiza ; ndetse no kurenganya abatinyuka guhangana n'ibishuko bye, yakomeje kubigaragaza byimazeyo

4 Yesaya 8:20
5 Yohani 14:26 ; 16:13
6 Matayo 28:20
7 Abefeso 4:12,13
8 Abefeso 1:17-19
9 Ibyakozwe 2:38,39
10 Ibyahishuwe 12:12
11 2Abatesalonike 2:9
12 2Petero 3:14

mu bihe byose. Ushobora kubirebera mu mateka y'abakurambere, ay'abahanuzi, ay'intumwa, ay'abatotejwe bahorwa kwizera Imana kwabo n'ay'abavugururaga itorero.

Mu ntambara ikomeye iheruka, Satani azakoresha ayo matwara, agaragaze uwo mutima w'ubugome kandi aharanire kugera kuri izo ntego ze nk'uko yabigenje mu bihe byashize. Ibyabayeho kera ni byo bizongera bibeho uretse ko intambara yo mu gihe kizaza yo izagaragaramo akaga gakaze iyi si itigeze inyuramo mbere hose. Ubushukanyi bwa Satani buzarushaho kubamo ubucakura kandi azarushaho kugaba ibitero bye mu buryo bwimazeyo «kugira ngo abone uko ayobya n'intore niba bishoboka. »[13]

Ubwo Mwuka w'Imana yampishuriraga ukuri gukomeye kw'Ijambo ryayo ndetse n'ibyabaye mu bihe byahise n'ibizaba mu bihe bizaza, nararikiwe kumenyesha abandi ibyo neretswe -mbwirwa kwerekana amateka yaranze intambara ikomeye mu bihe byahise ariko by'umwihariko nkayagaragaza nerekana intambara yihutira kutwegera yo mu bihe bizaza. Mu guharanira kugera kuri uwo mugambi, nihatiye gutoranya no kwegeranya ibintu byabaye mu mateka y'itorero mbikora mu buryo bwo kugaragaza guhishurwa k'ukuri gukomeye isi yagiye ihabwa mu bihe bitandukanye, kwagiye kubyutsa umujinya wa Satani ndetse n'urwango rw'itorero ryiziritse ku gukunda iby'isi, kandi kwakomeje kugaragazwa n'ubuhamya bw'abantu "bemeye guhara amagara yabo ntibatinya no gupfa."

Muri izi nyandiko dushobora kubonamo ishusho y'intambara ituri imbere. Tuzisomye mu murongo w'umucyo w'ijambo ry'Imana kandi tumurikiwe na Mwuka wayo, dushobora kubona uburiganya bw'umubi bwashyizwe ahagaragara kandi tukabona akaga kagomba kuzibukirwa n'abazasangwa « batunganye » imbere y'Umukiza igihe azaba agarutse.

Ibintu bikomeye byabayeho mu iterambere ry'ubugorozi bw'itorero bwabaye mu bihe byahise ni ibintu bigize amateka, bizwi kandi byemerwa ku isi yose n'Abaporotesitanti; ni ukuri kutabasha kugira uguhinyura. Ayo mateka nayanditse mu magambo avunaguye nkurikije uko iki gitabo kingana, ndetse n'incamake igusha ku ngingo igomba kubahirizwa, maze ibyo bintu mbikusanyiriza hamwe mu mpapuro nkeya nabonaga ko zijyanye no gusobanukirwa uburyo nyakuri bigomba gukoreshwamo.

Ahantu hamwe na hamwe umwanditsi w'amateka yagiye akusanya ibyabaye mu ncamake kugira ngo abivuge mu magambo yumvikana, cyangwa aho yagiye afata ubusobanuro burambuye akabuvuga mu ncamake iboneye. Amagambo ye yasubiwemo nk'uko yayivugiye; ariko hamwe na hamwe ntabwo umwanditsi yavuzwe kuko icyatumye ayo magambo ashyirwa muri iki gitabo atari ukwerekana uwayanditse, ari ukubera ko amagambo ye asobanura neza iyo ngingo iri kuvugwaho. Mu kuvuga amateka n'ibitekerezo by'abakomeje umurimo w'ubugorozi (ivugurura) muri iki gihe cyacu, hakoreshejwe ubwo buryo bwavuzwe haruguru ku nyandiko zabo.

Ntabwo ikigenderewe cyane muri iki gitabo ari ukwerekana ukuri gushya kurebana n'intambara zo mu bihe byahise, kugira ngo herekanwe ukuri n'amahame bifitanye isano n'ibizaba mu gihe kizaza. Nyamara tuzifashe nk'umugabane w'intambara ikomeye iri hagati y'imbaraga z'umucyo n'iz'umwijima, izi nyandiko zose zivuga iby'igihe cyahise ubona zifite ubusobanuro bushya; kandi binyuze muri zo umucyo

13 Mariko 13:22

umurika ku bihe bizaza ukabonesha mu nzira y'abazahamagarwa, nk'abagorozi bo mu bihe bya kera, ndetse bagahamagarirwa guhara iby'isi byose byiza kugira ngo bahamye "ijambo ry'Imana no guhamya kwa Yesu Kristo."

Umugambi w'iki gitabo ni ukugaragaza ibiba mu ntambara ikomeye iri hagati y'ukuri n'ikinyoma; guhishura uburiganya bwa Satani ndetse n'uburyo abasha kurwanywa agatsindwa. Kigamije kandi kwerekana igisubizo gishimishije cy'ikibazo gikomeye cy'ikibi, kigashyira ahagaragara inkomoko n'iherezo by'icyaha kugira ngo hagaragazwe neza ubutabera n'imbabazi Imana igira mu byo ikorera ibiremwa byayo byose; ndetse no kwerekana kamere izira inenge kandi idahinduka y'amategeko yayo. Isengesho umwanditsi w'iki gitabo yasenze abikuye ku mutima ni uko binyuze mu mbaraga zacyo, abantu babaturwa mu mbaraga z'umwijima maze bakaba "abaraganwa n'intore z'Imana mu mucyo," kugira ngo baheshe ikuzo uwadukunze kandi akatwitangira.

Ellen G. White

IBIRIMO

IGICE CYA 1

IRIMBUKA RYA YERUSALEMU

«Uyu munsi nawe, iyo umenya ibyaguhesha amahoro! Ariko noneho bihishwe amaso yawe. Kuko iminsi izaza, ubwo abanzi bawe bazakubakaho uruzitiro. Bazakugota, bazakurinda cyane impande zose, kandi bazagutsembana n'abana bawe batuye muri wowe. Ntibazagusigira ibuye rigeretse ku rindi, kuko utamenye igihe wagenderewe. » Luka 19:42-44.

Ubwo Yesu yari mu mpinga y'Umusozi w'imyelayo yitegereje Yerusalemu. Ibyo amaso ye yabonaga muri uwo mujyi byari ibintu byiza kandi bituje. Hari mu bihe bya Pasika, bityo Abisiraheli bari baraturutse impande zose baje kwizihiza uwo munsi mukuru w'ishyanga ryabo. Hagati y'imirima n'ibiti by'imizabibu, ndetse n'uducuri dutoshye twari tudendejeho amahema y'abo bagenzi, hari udusozi turinganiye, amazu meza arimbishijwe cyane ndetse n'inkuta nini cyane zari zigose uwo murwa mukuru wa Isiraheli. Mu kwishongora kwabo, abatuye i Siyoni basaga n'abavuga bati: "tumeze nk'umwamikazi kandi ntituzagira ikitubabaza"; kubera rero igikundiro bari bafite, bibaraga nk'abari mu bwishingizi bw'ijuru; nk'uko byari bimeze mu bihe bya kera igihe umutwe w'abaririmbyi b'i bwami waririmbaga uti, « Umusozi wa Siyoni uri i kasikazi, uburebure bwawo ni wo byishimo by'isi yose, ni wo rurembo rw'Umwami ukomeye.» Zaburi 48:2. Inyubako nziza cyane zari zigize ingoro y'Imana zagaragaraga zose. Imirasire y'izuba rirenga yamurikaga ku rwererane rw'inkuta z'uwo murwa zari zigizwe n'amabuye y'ubwoko bwa marubule maze ikabengeranira ku rugi n'umunara bya zahabu. Ubwo «bwiza butagira inenge » ni bwo bwari ishema ry'ishyanga ry'Abayuda. Ni nde Mwisiraheli wari kubyitegereza ngo abure gusabwa n'ibyishimo kandi ngo ye kubitangarira! Ariko Yesu we yatekerezaga ku bindi bintu birenze ibyo. « Ageze hafi abona umurwa arawuririra. » Luka 19:41.

Igihe abantu bose bari bishimiye ko yinjiye mu murwa afite ubutware, bazunguza amashami y'imikindo, igihe indirimbo zo kuramya baririmbanwaga umunezero zirangiraga mu misozi maze abantu ibihumbi byinshi bagatangaza ko ari umwami, Umucunguzi w'isi we yashenguwe n'agahinda k'ikubagahu kandi kadasanzwe. Umwana w'Imana, Uwo Abisiraheli basezeranyijwe, nyir'ububasha bwaneshheje urupfu kandi bwazuye abapfuye we yarariraga, atarizwa n'agahinda gasanzwe, ahubwo afite intimba ikomeye, itabasha kwihanganirwa.

Nubwo yari azi akaga kamutegereje ntabwo yiririraga ubwe. Imbere ye yahabonaga Getsemani, ahantu yari ategereje kubabarizwa bikomeye. Yarebaga kandi irembo ry'intama ryari rimaze imyaka myinshi rinyuzwamo ibitambo, kandi na we akaba ari ryo yari kuzanyuramo igihe yagombaga kumera "nk'umwana w'intama bajyana kubaga." Yesaya 53:7.

Hafi aho hari Karuvali, ahabambirwaga abantu. Inzira Kristo yari hafi kunyuramo yagombaga kubudikwaho n'umwijima uteye ubwoba mu gihe yari kwitangaho igitambo cy'icyaha. Nyamara ntabwo gutekereza kuri ibyo bintu ari cyo cyamuteye

kwijima mu maso muri icyo gihe abandi bari bafite ibyishimo. Ntabwo gutinya umubabaro wendaga kumugeraho urenze uwo kamere ya muntu yakwihanganira ari byo byari bigose umutima we utikunda. Yarizwaga n'akaga kari gategereje abantu ibihumbi n'ibihumbi bari batuye i Yerusalemu. Akaga kari guterwa n'ubuhumyi no kutihana kw'abo yari yaje guhira no gucungura.

Yesu yitegereje amateka y'imyaka irenga igihumbi yerekeye ineza n'uburinzi byihariye Imana yagaragarije ishyanga ryatoranyijwe. Aho hari umusozi Moriya, aho umwana w'isezerano wajyanywe gutambwa ntatere amahane, yari yarabohewe arambikwa ku rutambiro- ibyo bikaba byarashushanyaga igitambo cy'Umwana w'Imana. Aho ni ho isezerano ryo guhabwa imigisha, isezerano ry'agatangaza rya Mesiya ryari ryahamirijwe byimazeyo umubyeyi w'abizera Imana b'indahemuka. Itangiriro 22:9, 16-18. Aho ngaho umuriro w'igitambo cyoswa wazamutse ujya mu ijuru uva ku mbuga ya Orunani wari warakumiriye inkota ya marayika urimbura (1 Ngoma 21), iyo ikaba yari ishusho nyayo igaragaza igitambo Umukiza yatangiye abanyabyaha ndetse n'umurimo akora wo kubahuza n'Imana.

Imana yari yarahaye Yerusalemu icyubahiro gisumba icy'isi yose. Uhoraho « Yatoranije Siyoni, yahashakiye kuba Ubuturo bwe ». Zaburi 132:13. Aho hantu abahanuzi bera bari barahavugiye ubutumwa bwabo bw'imbuzi mu myaka myinshi. Aho hantu, abatambyi bari barahazungurije ibyotero by'imibavu babaga bafite kandi umwuka w'umubavu wari warahazamukiye ujya imbere y'Imana uzamukanye n'amasengesho y'abaje kuyiramya. Aho hantu kandi buri munsi hari haragiye hatambirwa amaraso y'intama basogose, ibyo bikaba byarashyushanyaga Umwana w'intama w'Imana wagombaga kuzatambwa. Aho hantu Yehova yari yaraherekaniye kuhaba kwe abyerekaniye mu gicu cy'ikuzo rye cyari gitwikiriye intebe y'ihongerero. Aho niho hari urufatiro rw'urwego rutagaragara ruhuza ijuru n'isi (Itangiriro 28 :12 ; Yohana 1 :51)--rwa rwego rwazamukirwaga n'abamarayika abandi barumanukiraho rwakinguriye abatuye isi inzira ijya ahera cyane.

Iyo Abisiraheli nk'ishyanga bakomeza kumvira Imana, Yerusalemu yari kuguma kuba iyatoranyijwe n'Imana. Yeremiya 17:21-25. Ariko amateka y'iryo shyanga ryahawe umugisha yari yararanzwe no gusaya mu buyobe no kwigomeka. Bari bararwanyije ubuntu bw'Imana, barakoresheje nabi imigisha y'umwihariko bari bafite, ndetse barakerenseje amahirwe bahawe.

Nubwo Abisiraheli bari baragiye «bashinyagurira intumwa z'Imana bagasuzugura amagambo yayo, bagaseka abahanuzi b'Imana » (2 Ngoma 36:16), Imana yari yarakomeje kubiyereka nk'« Uwiteka, Imana y'ibambe n'imbabazi itinda kurakara, ifite kugira neza kwinshi n'umurava mwinshi» (Kuva 34:6). Nubwo bakomeje kwamagana Imana, Yo yakomeje kubinginga ikoresheje imbabazi zayo. Mu rukundo rwayo ruruta urukundo rwuje impuhwe umubyeyi akunda umwana we, Imana yari yaragiye « ibatumaho intumwa zayo, ikazinduka kare igatuma kuko yababariraga abantu bayo n'ubuturo bwayo.» 2 Ngoma 36:15. Imiburo, kubinginga ndetse no kubacyaha binaniwe kugira icyo bigeraho, yabohereje impano iruta izindi zose zo mu ijuru, kandi si iyo mpano yonyine gusa, ahubwo yabohereje ijuru ryose binyuze muri iyo Mpano.

Umwana w'Imana ubwe yatumwe guhendahenda abaturage b'uwo mujyi banze kwihana. Kristo ni we wari waravanye Isiraheli mu Misiri imeze nk'umuzabibu. Zaburi 80 :8. Ukuboko kwe ni ko kwari kwarirukanye abapagani imbere y'uwo muzabibu. Yari yarawuteye "ku musozi urumbuka cyane." Uburinzi bwe bwo kuwitaho bwari bwarawubereye uruzitiro rukomeye. Yari yaratumye abagaragu be kuwukorera. Yaratatse ati « Ikintu nari nkwiriye gukorera uruzabibu rwanjye nasize ni ikihe ?» Yesaya 5:1-4. Nubwo igihe yari yiteze ko ruzera inzabibu yasanze rwareze imbuto mbi, we ubwe yaje mu ruzabibu rwe afite ibyiringiro bisabwe n'icyifuzo cy'uko rwazera imbuto, kugira ngo arebe ko rwagira amahirwe yo gukira kurimbuka. Yahingiye uruzabibu rwe; yararukaragiye kandi ararusigasira. Ntiyigeze acogora mu muhati we wo gukiza uruzabibu rwe yihingiye.

Umukiza ufite umucyo n'ikuzo yamaze imyaka itatu agendera mu bantu b'ishyanga rye «akagenda agirira abantu neza, agakiza abo Satani atwaza igitugu », ahumuriza abafite intimba, ahesha umudendezo abari imbohe, ahumura impumyi, akiza ibirema bikagenda n'ibiragi bikumva, ahumanura ababembe, azura abapfuye kandi akigisha abakene ubutumwa bwiza. Ibyakozwe n'Intumwa 10:38; Luka 4 :18 ; Matayo 11 :5. Yahamagaranye impuhwe abantu b'ingeri zose avuga ati : « Mwese abarushye n'abaremerewe, nimuze munsange ndabaruhura.» Matayo 11:28.

Nubwo yabagiriye ineza bakamwitura inabi, kandi kubakunda kwe bakabyitura kumwanga (Zaburi 109 :5), yari yarakomeje umurimo we w'impuhwe adacogora. Ntiyigeze asubiza inyuma umuntu wese wamusanze akeneye kugirirwa ubuntu. Umukiza wagendaga ahantu hose atagira icumbi atahamo, kunegurwa ndetse n'ubukene bukabije bikaba ari byo byari umunani we wa buri munsi. Yabereyeho gukemura ibibazo by'abantu no kuborohereza imibabaro yabo, no kubingigira kwemera kwakira impano y'ubugingo. Impuhwe ze zabaga zasuzuguwe n'abafite imitima yinangiye zabagarukagaho mu rukundo rwuje ibambe rikomeye kandi rutarondoreka. Nyamara Abisiraheli bari barateye umugongo Incuti yabo magara n'Umufasha wabo umwe rukumbi. Bari barahinyuye kwinginga guturutse ku rukundo rwe, barasuzuguye inama ze kandi baragize urw'amenyo imiburo ye.

Igihe cy'ibyiringiro no kubabarirwa cyahitaga vuba vuba. Igikombe cy'uburakari bw'Imana bwari bumaze igihe bwarakumiriwe cyari hafi kuzura. Igicu cyari cyaragiye cyiyegeranya mu bihe babayemo by'ubuhakanyi no kwigomeka, icyo gihe kikaba cyari cyijimishijwe n'akaga, cyari hafi yo gusandara kikisuka ku ishyanga ryari riciriweho iteka; kandi Umwe rukumbi wagombaga kubakiza ako kaga kari kabasatiriye bari baramukerenseje, baramupfobya, banga kumwakira, kandi bari hafi kumubamba.

Ubwo Kristo yari kumanikwa ku musaraba i Kaluvari, igihe Isiraheli yahawe cyo kuba ishyanga rikunzwe kandi rihiriwe n'Imana cyari kuba kigeze ku iherezo. Gupfa k'umuntu n'iyo yaba umwe ni akaga gakomeye gasumba kure inyungu ndetse n'ubutunzi byo ku isi. Nyamara ubwo Kristo yitegerezaga umujyi wa Yerusalemu, yarebaga umujyi ugiye kurimbuka wose, yarebaga ishyanga rigiye kurimbuka ryose umujyi n'ishyanga Imana yari yaritoranyirije, ubutunzi bwayo bw'umwihariko.

Abahanuzi bari bararijijwe n'ubuyobe bw'Abisiraheli n'akaga gakomeye kabageragaho bahaniwe ibyaha bakoze. Umuhanuzi Yeremiya yifuje ko amaso ye yaba isoko y'amarira kugira ngo arire amanywa n'ijoro arizwa n'abantu be bishwe, arizwa n'umukumbi w'Uwiteka wajyanyweho iminyago. Yeremiya 9:1 ; 13 :17. None se, ni iki cyari gishavuje ufite ubushobozi bwo kureba ibizaba, atari

ibyo mu myaka mike ahubwo mu bihe byinshi! Yitegereje marayika urimbura afite inkota ayibanguriye umujyi wahoze ari ubuturo bwa Yehova kuva kera. Ari mu mpinga y'umusozi w'imyelayo, aho hakaba haraje kwigarurirwa na Titus n'ingabo ze, yarambuye amaso mu kibaya yitegereza urugo rw'ingoro nziranenge y'Imana n'amabaraza yayo, maze amaso ye yari ashavujwe n'amarira yitegereza inkike zigoswe n'ingabo z'abanyamahanga. Yumvise imirindi y'ingabo zitonze umurongo zigiye ku rugamba. Yumvise urusaku rw'ababyeyi n'abana barizwaga no gushaka icyo kurya bari muri uwo mujyi igihe wari kuba ugoswe. Yabonye ingoro nziranenge kandi nziza cyane yari muri uwo mujyi, ndetse n'amazu yawo meza n'iminara bitwikwa, maze aho byahoze byubatse ahabona ikirundo cy'amatongo acumba umwotsi.

Yitegereje mu myaka izakurikiraho, yabonye abantu bo mu ishyanga ryahoze ari iry'isezerano batataniye mu bihugu byose bameze nk'"utumene tw'ubwato tunyanyagiye ku nkombe yumagaye". Mu gihano cy'igihe gitoya cyari kigiye kugera ku bana be, yabonagamo gusogongera ku gikombe cy'uburakari bagombaga kuzanywaho bakagikonoza ku munsi w'urubanza ruheruka.

Yerekaniye impuhwe z'Imana n'urukundo rwuje imbabazi muri aya magambo yavuze abaririra ati « Yerusalemu, Yerusalemu, wica abahanuzi, ugatera amabuye abagutumweho, ni kangahe nshaka kubundikira abana bawe, nk'uko inkoko ibundikira imishwi yayo mu mababa yayo; ntimunkundire.» Yemwe abo mu ishyanga ryatoranyijwe, iyo mumenya igihe mwagenderewemo kandi mugasobanukirwa n'ibyababahesha amahoro! Nabaye ndetse kurekura marayika wo guhana abadakiranuka, nabararikiye kwihana, ariko byabaye iby'ubusa. Ntabwo abagaragu banjye, intumwa nabatumyeho ndetse n'abahanuzi ari bo gusa mwanze kwemera no kwakira, ahubwo mwanze Umuziranenge wa Isirayeli, Umucunguzi wanyu. Nimurimbuka, ni mwe muzaba mwizize. « Mwanze kuza aho ndi ngo muhabwe ubugingo». Matayo 23:37; Yohana 5:40.

Kristo yabonaga Yerusalemu ishushanya isi yinangiriye mu kutizera no mu kwigomeka, yihuta ijya gusakirana n'igihano cy'urubanza iciriweho n'Imana. Amakuba yari ku bwoko bwagomye yashenguraga umutima we ni yo yamuteye uko kurira kurenze urugero atakishwa n'umubabaro. Yabonye ukuntu amateka y'icyaha agaragarira mu butindi bukabije, mu marira no mu mivu y'amaraso by'abantu; umutima we wagiriraga imbabazi abantu bari mu kaga kandi bababaye bo ku isi. Yifuzaga cyane kubacungura bose. Nyamara nta nubwo ikiganza cye cyari gukuraho imibabaro myinshi y'abantu. Abantu bake ni bo gusa bashakaga Isoko imwe rukumbi bari bafite yo gukuraho ubufasha. Yari afite ubushake bwo kwitanga agapfa kugira ngo abegereze agakiza ; nyamara bake gusa ni bo bamusanze kugira ngo babone ubugingo.

Nimurebe Umwami w'ijuru abogoza amarira! Umwana w'Imana Ihoraho ahagaritse umutima, acuritse umutwe ashenguwe n'intimba! Ibyo byatumye ijuru ryose rigwa mu kayubi. Iyo shusho mbi iduhishurira ububi bukabije bw'icyaha; itwereka ukuntu gukiza abanyabyaha ingaruka zo kugomera amategeko y'Imana bigoye yemwe no kuri Nyir'ubushobozi butagerwa. Yesu yitegereje abazaba batuye ku isi mu gihe giheruka, yabonye isi izaba iri mu gishuko gisa n'icyateje Yerusalemu kurimbuka.

Icyaha gikomeye Abayahudi bakoze ni ukwanga kwemera Kristo. Icyaha gikomeye Abakristo bazakora ni ukwanga kumvira amategeko y'Imana kandi ari yo rufatiro rw'ubuyobozi bwayo mu ijuru no ku isi. Amahame ya Yahwe azasuzugurwa kandi ahindurwe ubusa. Abantu miliyoni nyinshi bari mu bubata bw'icyaha bakaba ari inkoreragahato za Satani, baciriwe urubanza rwo gupfa urupfu rwa kabiri, bazanga gutegera amatwi amagambo y'ukuri mu gihe bazayabwirwamo. Mbega ubuhumyi buteye ubwoba ! Mbega ubupfapfa!

Mu minsi ibiri yabanjirije Pasika, igihe Kristo yari yaravuye mu ngoro y'Imana bwa nyuma amaze kwamagana uburyarya bw'abayobozi b'Abayuda, yasubiye ku musozi w'imyelayo ari kumwe n'abigishwa be maze yicarana na bo ku gacuri kariho ibyatsi kari kitegeye umujyi. Yongeye kwitegereza inkuta zawo, iminara yawo, ndetse n'amazu arimbishijwe cyane yari awurimo. Yongeye kwitegereza Urusengero abona uburyo ubwiza bwarwo bwabengeranaga, rukaba ari rwo rwari ikamba ry'ubwiza ryari ritatse uwo musozi muziranenge.

Mu myaka igihumbi yari ishize, umunyazaburi yari yaranditse yogeza uko Imana yakunze Isiraheli maze inzu nziranenge yari ihubatswe iyigira ahantu hayo ho gutura agira ati : « Kandi i Salemu ni ho hema ryayo, i Siyoni ni ho buturo bwayo.» « Itoranya umuryango wa Yuda, umusozi Siyoni yakunze. Yubaka Ahera hayo hadatsembwa nk'ijuru, nk'isi yashimangiye iteka ». Zaburi 76:2; 78:68,69.

Ingoro y'Imana yubatswe bwa mbere yari yarubatswe mu gihe hariho ubukungu kurenza ibindi bihe byose byaranze amateka ya Isiraheli. Umwami Dawidi yari yarahunikishije ubutunzi bwinshi bwo kubaka iyo ngoro, kandi ibyitegererezo bagendeyeho bayubaka bari barabikoze bayobowe na Mwuka w'Imana. 1 Ngoma 28:12,19. Salomo, umwami warushije abami ba Isiraheli bose ubwenge, ni we wari yararangije uwo murimo w'inyubako. Iyo ngoro yarushaga ubwiza inyubako zose zari zarigeze kubakwa ku isi. Nyamara, Uwiteka yari yaravugiye mu muhanuzi Hagayi ibyerekeye ingoro ya kabiri ati « Ubwiza bw'iyi nzu bwo hanyuma buzaruta ubwa mbere." "Kandi nzahindisha amahanga yose umushyitsi, n'ibyifuzwa n'amahanga yose bizaza, kandi iyi nzu nzayuzuzamo ubwiza , niko Uwiteka Nyiringabo avuga». Hagayi 2:9,7.

Nyuma yuko iyo ngoro isenywe na Nebukadinezari, yongeye kubakwa mu gihe cy'imyaka igera kuri magana atanu mbere y'ivuka rya Kristo. Yubatswe n'abantu bari barabaye mu bunyage igihe kirekire batahutse mu gihugu cyabo cyari cyarahindutse amatongo ndetse gisa n'icyabaye ubutayu. Muri bo harimo abantu bakuru bari barabonye ubwiza bw 'ingoro yari yarubatswe na Salomo, nuko baririra urufatiro rw'iyo nyubako nshya bavuga ko izarushwa ubwiza n'iyayibanjirije. Umuhanuzi yasobanuye ashimangira umubabaro abantu benshi bari bafite agira ati: « Mbese muri mwe hari usigaye wari warabonye ubwiza uru rusengero rwahoranye mbere ? Kuri ubu rurasa rute ? Uko mururuzi si nk'ubusa ?» Hagayi 2:3; Ezira 3:12. Ubwo ni bwo hatanzwe isezerano ko iyo nyubako ya kabiri izaruta iya mbere.

Nyamara ntabwo ingoro ya kabiri yari yarigeze inganya ubwiza n'iya mbere. Nta nubwo yigeze ihabwa ikuzo kubw'ibimenyetso bigaragarira amaso byerekana ko Imana iri aho hantu nk'ibyagaragaye mu ngoro ya mbere. Nta mbaraga ndengakamere yigeze yigaragaza mu muhango wo kuyegurira Imana. Ntabwo bigeze babona igicu cy'ubwiza cyuzura mu buturo buziranenge bushya bwari bwubatswe.

Nta muriro wavuye mu ijuru ngo ukongore igitambo cyari ku rutambiro rwabwo. Ntabwo Shekina yari ikiba hagati y'abakerubi babaga ahera cyane. Isanduku y'isezerano, intebe y'ihongerero ndetse n'ibisate by'amabuye byari byanditsweho amategeko ntibyari bikirangwamo. Nta jwi rivuye mu ijuru ryari ricyumvikana ngo rimenyeshe umutambyi ubushake bwa Yehova.

Mu binyejana byinshi byari bishize, Abayuda bari baragerageje ariko bikaba iby'ubusa bashaka kwerekana ko isezerano Imana yabahaye irinyujije muri Hagayi ryasohoye. Nyamara ubwirasi no kutizera byahumye intekerezo zabo ntibamenya ubusobanuro nyabwo bw'amagambo yavuzwe n'uwo muhanuzi. Ntabwo ingoro ya kabiri yaheshejwe icyubahiro n'igicu kigaragaza ikuzo rya Yehova, ahubwo yagiheshejwe n'uko yagezwemo n'Uwo Ubumana bwuzuriramo-- we ubwe akaba yari Imana yiyerekaniye mu mubiri. Ni ukuri «Uwifuzwa n'amahanga yose » yari yaraje mu ngoro ye igihe uwo Munyanazareti yigishirizaga kandi agakiriza abarwayi mu rugo rw'iyo ngoro nziranenge.

Mu kugaragara kwa Kristo muri iyo ngoro ni ho honyine ingoro ya kabiri yarushirije ikuzo ingoro ya mbere. Nyamara Abisiraheli bari barayihejemo uwo ijuru ryari ryarabageneyeho Impano. Uwo munsi ikuzo ry'Imana ryari ryakuwe kuri iyo ngoro by'iteka ryose rijyanye n'uwo Mwigisha wiyoroheje wari wasohotse mu irembo ryayo ry'izahabu. Icyo gihe amagambo Umukiza yavuze ati « Dore inzu yanyu muyisigiwe ari umusaka » yari yamaze gusohora. Matayo 23:38.

Abigishwa bari batewe ubwoba kandi batangazwa n'ubuhanuzi bwa Kristo bw'uko iyo ngoro yari kuzasenywa, maze bumva bifuje gusobanukirwa biruseho amagambo ababwiye. Ubutunzi, imirimo ndetse n'ubuhanga buhanitse mu bijyanye no kubaka byari byaratanganywe ubushake bishyirwa kuri iyo ngoro mu gihe cy'imyaka irenga mirongo ine hagamijwe kunonosora ubwiza bwayo. Herode Mukuru yari yarayitanzeho umutungo w'Abanyaroma ndetse n'uw'Abayahudi, kandi uwo mwami w'abami wategekaga isi yari yarakungaharishije iyo ngoro impano ze bwite yatanze. Inkuta nini cyane z'amabuye y'agaciro kenshi y'umweru yitwa marimari, yari afite umubyimba munini bitangaje, yari yaroherejwe n'Abanyaroma hagamijwe uko kuyirimbisha, zari umwe mu migabane igize iyo nyubako; kandi izo nkuta ni zo abigishwa bari beretse Umwigisha wabo bamubwira bati « Mbega amabuye ! Mbega imyubakire ! Mbese aho Mwigisha, urirebera ? » Mariko 13:1.

Kuri ayo magambo bamubwiye, Yesu yabahaye igisubizo gikomeye kandi gitangaje ati: «Ntimureba ibi byose ? Ndababwira ukuri ko aha hatazasigara ibuye rigeretse ku rindi ritajugunywe hasi.» Matayo 24:2.

Iryo senywa rya Yerusalemu abigishwa barifashe nk'aho ryerekeje ku kuza kwa Kristo igihe azaba yiyiziye ubwe afite ikuzo aje kwima ingoma y'isi yose, guhana Abayuda b'indakoreka banze kwihana, no gukura igihugu mu bubata bw'Abanyaroma. Umukiza yari yarababwiye ko azaza ubwa kabiri. Kubw'ibyo, igihe yakomozaga ku rubanza rwari rutegereje Yerusalemu, bongeye gutekereza kuri uko kuza kwe; maze igihe bari bakikije Umukiza ku Musozi w'imyelayo baramubaza bati: «Tubwire, ibyo bizaba ryari, n'ikimenyetso cyo kuza kwawe n'icy'imperuka y'isi ni ikihe?» Matayo 24:3.

Kubw'imbabazi z'Imana, ubusobanuro bw'ibyari kuzaba bwahishwe abigishwa. Iyo icyo gihe basobanukirwa byuzuye n'ibintu bibiri bikomeye byendaga kuzaba, ari byo kubabazwa n'urupfu by'Umukiza ndetse no gusenywa kw'umujyi wabo n'ingoro y'Imana, bari kwicwa n'ubwoba. Kristo yaberetse incamake y'ibintu by'ingenzi bizaba mbere y'iherezo ry'ibihe. Icyo gihe ntibasobanukiwe neza amagambo ababwiye; ariko ubusobanuro bwayo bwari kuzahishurwa igihe ubwoko bw'Imana bwari gukenera inyigisho yari iyakubiyemo. Ubuhanuzi yababwiye bwari bufite ubusobanuro bubiri: nubwo bwerekezaga ku isenywa rya Yerusalemu, bwanavugaga iby'akaga kazabaho ku munsi ukomeye uheruka.

Yesu yabwiye abigishwa bari bamuteze amatwi iby'urubanza rwari rutegereje gucirwa Isiraheli yasubiye inyuma; cyane cyane ibyago byari kubageraho bazize ko banze Mesiya kandi bakamubamba. Ibimenyetso bidashidikanywaho byagombaga kubanziriza icyo gihe cy'akaga. Igihe giteye ubwoba cyari kubageraho mu buryo butunguranye kandi bwihuse. Bityo, Umukiza yaburiye abigishwa be ati : « Ariko ubwo muzabona ikizira kirimbura cyahanuwe n'umuhanuzi Daniyeli gihagaze Ahera, (ubisoma abyitondere), icyo gihe abazaba bari i Yudaya bazahungire ku misozi ». Matayo 24:15, 16; Luka 21:20, 21.

Igihe amabendera y'abasirikari basengaga ibigirwamana b'Abanyaroma yari gushingwa ku butaka buziranenge bwageraga muri metero zirenga magana abiri inyuma y'inkuta z'umujyi, abayoboke ba Kristo bagombaga gukizwa no guhunga. Igihe bari kubona ikimenyetso kibaburira, abashakaga gukiza amagara yabo bagombaga guhunga batazuyaje. Icyo kimenyetso cy'uko bagomba guhunga cyagombaga guhita kitabwaho i Yudeya hose ndetse no muri Yerusalemu. Uwo cyagombaga gusanga ari hejuru y'inzu ntiyagombaga kumanuka ngo yinjire mu nzu ye, bona yemwe no kwinjiramo ajyanywe no kuvanamo ubutunzi burusha ubundi agaciro mu bwo yari kuba afite bwose. Abari kuba bari gukora mu mirima yabo cyagwa mu mizabibu yabo, ntibagombaga gusubira inyuma ngo bajye gufata imyambaro barambitse hasi mu gihe bari kuba bahinga ku manywa hariho icyokere. Ntibagombaga kugira akanya na gato bapfusha ubusa kugira ngo batarimbukana na rubanda rwose.

Ku ngoma y'umwami Herode, ntabwo Yerusalemu yari yararimbishijwe gusa, ahubwo bitewe n'uko kuyubakaho iminara, inkike ndetse n'ibihome byari byarongereye gukomera yari isanganywe, byari byaratumye igaragara nk'idashobora guterwa no kuvogerwa. Muri icyo gihe, uwari kuvuga ku mugaragaro ko izarimbuka yari kwitwa umuterabwoba urwaye mu mutwe nk'uko Nowa yiswe n'abo mu gihe cye. Ariko Kristo yari yaravuze ati : «Ijuru n'isi bizashira, ariko amagambo yanjye ntazashira na hato». Matayo 24:35. Ibyaha by'ab'i Yerusalemu ni byo byari byaratumye ibwirwa ko izagerwaho n'uburakari bw'Imana, kandi kwinangira mu kutizera kwabo kwatumye akaga kari kayirindiriye kaba impamo.

Imana yari yaravugiye mu muhanuzi Mika iti : « Nimwumve ibi batware b'inzu ya Yakobo n'abacamanza b'inzu ya Isirayeli, mwanga imanza zitabera mukagoreka ibitunganye byose. Bubakishije i Siyoni amaraso bavushije, n'i Yerusalemu bakahubakisha gukiranirwa. Abatware baho bacira imanza impongano, n'abatambyi baho bigishiriza ibihembo, n'abahanuzi baho baragurira ingemu, nyamara bisunga Uwiteka bakavuga bati « Mbese Uwiteka ntari muri twe ? Nta kibi kizatuzaho.» Mika 3:9-11.

Aya magambo yerekanaga neza imiterere y'abaturage b'i Yerusalemu bari barasaye

mu bibi kandi bakigira intungane. Nubwo bavugaga ko bubahiriza amategeko y'Imana badakebakeba, bacumuraga ku mahame yose ayakubiyemo. Banze Kristo bamuziza ko ubutungane n'ubuziranenge bwe bwashyiraga ahagaragara gukiranirwa kwabo; nuko bakamurega ko ari we nkuruzi y'ibyago byose byari byarabagezeho nk'ingaruka z'ibyaha byabo. Nubwo bari bazi neza ko nta cyaha agira, bari baravuze ko akwiriye gupfa kugira ngo bo nk'ishyanga babone umutekano. Abayobozi b'Abayuda baravuze bati: « Nitumureka dutya bose bazamwizera, kandi Abaroma bazaza barimbure umurwa wacu n'ubwoko bwacu. » Yohana 11:48.
Bumvaga ko Kristo nabambwa bazongera bakaba ishyanga rikomeye kandi rishyize hamwe. Nguko uko bibwiraga maze bashyigikira umwanzuro wafashwe n'umutambyi mukuru wabo, ko ibyiza ari uko umuntu umwe yapfa aho kugira ngo igihugu cyose kirimbuke.

Uko ni ko abakuru b'Abayuda bubakishije « Siyoni amaraso bavushije, n'i Yerusalemu bakahubakisha gukiranirwa.» Mika 3:10. Nyamara igihe babambishaga Umukiza bamuhora ko abacyaha kubera ibyaha byabo, bigize intungane ku buryo bifashe nk'ishyanga Imana yatonesheje bityo bakibwira ko izabavana mu bubata bw'abanzi babo. Umuhanuzi yarakomeje aravuga ati « Kubera ibyo mukora, Siyoni izahinduka nk'intabire. Yeruzalemu izahinduka amatongo, umusozi wubatsweho Ingoro y'Uhoraho uzahinduka ishyamba.» [14]

Mu myaka hafi mirongo ine nyuma yuko Kristo ubwe avuze akaga kazagera kuri Yerusalemu, Umukiza yagiye atinza ibihano yari yarakatiye uwo mujyi n'icyo gihugu. Kwihangana Imana yagiriye abantu banze ubutumwa bwayo bwiza kandi bakica Umwana wayo kwari agahebuzo. Umugani w'igiti cy'umutini kiteraga imbuto werekanaga ibyo Imana yagiriye ishyanga ry'Abayuda. Hari haratanzwe itegeko rivuga ngo «Uwuce, urakomeza kunyunyuriza iki ubutaka?» (Luka 3:17), nyamara imbabazi z'Imana zari zaragiye zireka icyo giti kikagumya kubaho kitaranduwe. Mu Bayuda hari hakirimo benshi bari bataramenya imico n'umurimo bya Kristo. Abana bari batarabona amahirwe kandi batarakira umucyo ababyeyi babo bari baranze bakanasuzugura. Binyuze mu gikorwa cyo kubwiriza ubutumwa cy'intumwa ndetse n'abazifashaga, Imana yari gutuma barasirwa n'umucyo. Yari kubemerera kwibonera ukuntu ubuhanuzi bwagiye busohora bitari gusa mu ivuka rya Yesu no mu mibereho ye, ahubwo no mu rupfu rwe no kuzuka kwe. Ntabwo abo bana bahowe ibyaha by'abayeyi babo; ariko igihe bamaraga kumenya umucyo wose ababyeyi babo bahawe, maze bakanga kwemera uwiyongereyeho na bo ubwabo bahawe, bahindutse abafatanyacyaha n'ababyeyi babo, maze buzuza urugero rw'ibibi byabo.

Kuba Imana yarihanganiye ab'i Yerusalemu ntacyo byababmariye ahubwo byashimangiye Abayuda mu gutsimbarara ku kutihana kwabo. Mu kwanga abigishwa ba Yesu no kubagirira nabi, banze kwakira imbabazi ziheruka bari bahawe. Icyakurikiyeho rero ni uko Imana yabakuyeho uburinzi bwayo kandi ibakuraho imbaraga yayo yabakingiraga Satani n'abamarayika be maze igihugu gisigara kiri mu maboko y'umuyobozi bihitiyemo. Abaturage bacyo bari barahinyuye ubuntu bwa Kristo bwajyaga kubabashisha gutsinda ingeso mbi zabo, none ni zo

14 Mika 3:12 [Bibiliya Ijambo ry' Imana]

zari zisigaye zibitegekera. Satani yabyukije ibyifuzo by'ubugome n'ubuhenebere bukabije mu mitima yabo. Abantu ntibari bagitekereza, bari bararenze igaruriro—basigaye bayoborwa n'ibibajemo n'ibisazi. Babaye aba Satani mu bugome bwabo. Mu miryango no mu gihugu cyose, mu bantu bo mu nzego zo hejuru n'abo mu zo hasi, hariho kutizerana, kugirirana ishyari, kwangana, amakimbirane, ubwigomeke ndetse n'ubwicanyi. Nta hantu na hamwe hari umutekano. Abari incuti ndetse n'abari bafitanye isano baragambaniranaga. Ababyeyi bahotoraga abana babo, abana na bo bagahotora ababyeyi babo. Abategetsi b'iryo shyanga ntibari bashoboye kwiyobora ubwabo. Ibyifuzo by'abo batashoboraga gutegeka byari byarabagize abategetsi b'abanyagitugu. Abayuda bari baremeye ubuhamya bw'ibinyoma kugira ngo bicishe Umwana w'Imana utagira inenge. Muri icyo gihe rero ibirego by'ibinyoma byari bitumye ubuzima bwabo bubura ishyikizo n'umutekano. Binyuze muri ibyo bikorwa byabo, bari bamaze igihe kirekire bavuga ngo «mutume Umuziranenge wa Isirayeli atuvamo rwose. »Yesaya 30:11. Icyo gihe bahawe icyo bifuzaga. Kubaha Imana ntibyari bikibahangayikishije. Satani ni we ubwe wari wiyoboreye icyo gihugu kandi ni we wakoreshaga abategetsi bo ku rwego rwo hejuru bayoboraga abaturage ku rwego rwa leta n'urw'idini.

Hari igihe abakuru b'udutsiko twabaga duhanganye bishyiraga hamwe kugira ngo banyage kandi bice urubozo abo bafashe mpiri, maze na none ingabo zabo zikongera gusubiranamo zikicana nta mbabazi. Nta nubwo kwera kw'ingoro y'Imana kwigeze gushobora gukumira ubugome bwabo bukabije. Abaje kuramya Imana bicirwaga imbere y'urutambiro, bityo ubuturo buziranenge bukanduzwa n'imirambo y'abantu bishwe. Nyamara mu buhumyi bwabo no mu kwigerezaho kwabo kurimo ubwirasi, abatezaga ayo marorerwa babwiraga abantu mu ruhame ko badatewe ubwoba n'uko Yerusalamu izarimbuka, kuko yari umurwa w'Imana. Kugira ngo bashimangire ubutegetsi bwabo burusheho gukomera, bahaye ibiguzi abahanuzi b'ibinyoma kugira ngo babwire abantu ko bagomba gutegereza ko Imana izabatabara kandi ibyo babivugaga no mu gihe ingabo z'Abanyaroma zari zigose ingoro y'Imana. Kugeza ku iherezo abantu benshi bari bacyiringiye ko Usumbabyose azabatabara akabatsindira abanzi babo. Nyamara Abisiraheli bari barasuzuguye uburinzi bw'Imana, bityo rero ntibari bagifite umurengezi. Mbega Yerusalemu yari ibabaye! Yari ishenywe n'amacakubiri ayirimo, amaraso y'abaturage bayo bicanye ubwabo yatembaga mu mayira mu gihe ingabo z'abanyamahanga zarimo zisenya ibihome byayo zikica abasirikare bayo!

Ibyo Yesu yahanuye byose byerekeye ku gusenywa kwa Yerusalemu byasohoye nk'uko yabivuze nta na kimwe gisigaye. Abayuda bamenye ukuri kw'amagambo yababwiye ababurira ati: « Kuko urubanza muca ari rwo muzacirwa namwe, urugero mugeramo ari rwo muzagererwamo namwe ». Matayo 7:2.

Hagaragaye ibimenyetso n'ibitangaza byerekanaga ko hagiye kubaho akaga no kurimbuka. Mu gicuku, umucyo udasanzwe wamuritse ku ngoro y'Imana no ku rutambiro. Igihe izuba ryari rirenze, ku bicu hagaragaye amafarasi y'intambara ndetse n'abarwanyi biteguye kujya ku rugamba. Abatambyi batambaga ibitambo mu buturo bwera nijoro batewe ubwoba n'amajwi adasanzwe. Isi yahinze umushyitsi maze humvikana amajwi menshi ataka avuga ati: «Tuve hano ». Urugi rw'irembo ry'iburasirazuba, rwari ruremereye cyane ku buryo abagabo makumyabiri

barukingaga bibaruhije kandi rwari rufashe ku byuma binini bishinze hasi cyane mu mabuye akomeye ashashe hasi, rwakingutse mu gicuku nta muntu ugaragara urukinguye.[15]

Hari umugabo wamaze imyaka irindwi azenguruka utuyira two muri Yerusalemu, abwira abantu amahano yagombaga kugwira uwo mujyi. Ku manywa na nijoro, yaririmbaga indirimbo y'agahinda ibabaje avuga ati: « Mwumve ijwi riturutse iburasirazuba! mwumve ijwi riturutse iburengera zuba! ijwi riturutse mu byerekezo bine! Ijwi rivuga ibibi bizaba kuri Yerusalemu no ku ngoro y'Imana! ijwi rivuga ibibi bizaba ku bakwe no ku bageni! Ijwi rivuga ibibi bizaba ku bantu bose! »[16] Uwo muntu utari asanzwe yarafunzwe kandi akubitwa ibiboko; ariko ntiyigeze abyivovotera na rimwe. Ku bitutsi bamutukaga no ku nabi bamugiriraga, yabasubizaga igisubizo kimwe rukumbi ababwira ati : « Yerusalemu we, ugushije ishyano ! Mugushije ishyano bantu mutuye muri Yerusalemu! » Yakomeje gutaka ababurira kugeza igihe yiciwe mu gitero yari yarahanuye ko kizabaho.

Nta Mukristo n'umwe waguye mu isenywa rya Yerusalemu. Kristo yari yaraburiye abigishwa be, kandi abizeye amagambo ye bose bitaye ku kugenzura ikimenyetso yabasezeranyije. Yesu yaravuze ati : «Ariko ubwo muzabona i Yerusalemu hagoswe n'ingabo, muzamenye yuko kurimbuka kwaho kwenda gusohora. Icyo gihe abazaba bari i Yudaya bazahungire ku misozi miremire, n'abazaba bari hagati muri Yerusalemu bazayivemo, n'abazaba bari imusozi ntibazayijyemo.» Luka 21:20,21. Abasirikare b'Abanyaroma bari bayobowe na Cestius bamaze kugota umujyi, bagize batya bava mu birindiro byabo mu buryo butunguranye mu gihe ahubwo cyari igihe cyiza cyo guhita bagaba igitero. Igihe uwo mugaba w'ingabo z'Abanyaroma yakuraga ingabo ze mu birindiro byazo kandi nta mpamvu na ntoya ibimuteye yagaragaraga, abari bagotewe mu mujyi bari bamaze kwiheba babona ko kwihagararaho kwabo ntacyo bizabagezaho, bari biteguye kumanika amaboko ngo bemere ko batsinzwe. Ariko uburinzi bukomeye n'imbabazi Imana igira ni byo byari biyoboye iyo gahunda kubera ineza igirira ubwoko bwayo. Abakristo bari bategereje bari bamaze guhabwa ikimenyetso bari barasezeranîwe, icyo gihe rero umwanya wo kumvira imiburo y'Umukiza wari ubonetse ku bantu bose babyifuzaga. Ibyabaga byari biyobowe ku buryo nta Bayuda cyangwa Abanyaroma bari kubuza Abakristo guhunga. Igihe Cestius yavaga mu birindiro bye, Abayuda basohotse muri Yerusalemu bakurikira abasirikare be bari bisubiriye iwabo.

Igihe rero abasirikare b'impande zombi bari bahugiye mu mirwano, Abakristo bose babonye agahenge ko kwiyufura bahunga uwo mujyi. Muri icyo gihe igihugu na cyo cyari cyarakize abanzi bari kubabuza guhunga. Igihe umujyi wagotwaga, Abayuda bari bateraniye i Yerusalemu mu minsi mikuru y'ingando, bityo rero Abakristo bahatuye bashoboye guhunga nta ngorane. Bahunze badatindiganyije bahungira ahantu hari umutekano mu mujyi wa Pella, muri Pereya, hakurya ya Yorodani.

Abasirikare b'Abayuda bakurikiye Cestius n'ingabo ze, bahingukiye ku bari inyuma babarwanya bafite ubukana benda kubatsemba. Abo Banyaroma babashije gusubira iwabo ariko bibagoye cyane. Abayuda barokotse urwo rugamba hafi ya bose maze bagaruka i Yerusalemu bazanye iminyago banyaze Abanyaroma kandi batahanye insinzi. Nyamara uko gusa n'aho batsinze kwabaviriyemo akaga gusa.

15 Milman, The History of the Jews, book 13

16 Milman, The History of the Jews, book 13

Kwabateye umutima wo gutsimbarara ku gushaka kurwanya Abanyaroma ari byo bidatinze byabazaniye kugerwaho n'amahano atarondoreka yagwiriye umujyi wabo waciriweho iteka.

Igihe Yerusalemu yongeraga kugotwa na Titus, yagwiriwe n'ibyago biteye ubwoba. Umujyi wagoswe mu minsi yo kwizihiza Pasika igihe Abayuda miliyoni nyinshi bari bawukoraniyemo imbere. Ibiribwa bari barahunitse byashoboraga gutunga abaturage imyaka myinshi iyo bibikwa neza, byari byarangijwe n'ishyari no kwihorera by'udutsiko twabaga dushyamiranye, bityo rero igihe umujyi wari ugoswe bagezweho n'amakuba yose aterwa n'amapfa. Urugero rw'ifu y'ingano rwaguraga italanto*. Inzara yacaga ibintu cyane ku buryo abantu bageze aho barya impu zo ku mikandara yabo no ku nkweto zabo za sandari ndetse n'impu zabaga ziri ku ngabo bikingiraga ku rugamba. Abantu benshi bageragezaga gucika mu ijoro bakajya gusoroma ibyatsi byo mu gisambu byameze hanze y'inkike z'umujyi, nubwo benshi bafatwaga bakicwa urw'agashinyaguro, kandi akenshi n'ababaga bagarutse amahoro bamburwaga ibyo babaga bakusanyije biyemeje guhara amagara yabo. Abari bafite ubutegetsi bakoreraga abantu ibikorwa bya kinyamaswa n'iyicarubozo kugira ngo bambure abo bashonji ibyo kurya bike cyane babaga basigaranye bashoboraga kuba barahishe. Ibihe byinshi, ibyo bikorwa by'ubugome byakorwaga n'abantu babaga bafite ibibatunga bibahagije, babaga gusa bishakira guhunika bateganyiriza ahazaza. Abantu ibihumbi byinshi barimbuwe n'inzara n'icyorezo. Byasaga n'aho impuhwe n'urugwiro bitakiriho. Abagabo basahuraga abagore babo n'abagore bagasahura abagabo babo. Washoboraga kubona abana bashikuza ibiryo mu minwa y'ababyeyi babo babaga bageze mu za bukuru. Igisubizo cy'ikibazo umuhanuzi yabajije ngo : « Mbese umugore yakwibagirwa umwana yonsa?» cyabonetse mu byabaye muri uwo mujyi wagwiriwe n'akaga: « Abagore b'imbabazi bafashe abana bibyariye, barabateka baba ibyokurya byabo, igihe umukobwa w'ubwoko bwanjye arimbutse» Yesaya 49:15; Amaganya ya Yeremiya 4:10.

Na none kandi hasohoye ubuhanuzi bw'imiburo bari barahawe mu binyejana cumi na bine byari bishize buvuga ngo:"Umugore wo muri mwe wadamaraye akamenyera kugubwa neza gusa, utatinyuka no gukandagiza ikirenge kubwo kudamarara no kumenyera kugubwa neza gusa, azarebana imbabazi nke umugabo aseguye n'umuhungu we n'umukobwa we, ngo atabagaburira ku ngobyi iturutse hagati y'amaguru ye no ku bana be abyaye, kuko azabarira rwihishwa kuko abuze byose kubwo kugotwa no gusakizwa, ababisha bawe bazagusakiza mu midugudu yawe." Gutegeka kwa kabiri 28:56, 57.

Abategetsi b'Abanyaroma bihatiye gutera Abayuda ubwoba bagamije kubatera kumanika amaboko ngo bemere ko batsinzwe. Ababaga bafashwe bakagirwa imfungwa ariko bagakomeza kwinangira, bakubitwaga ibiboko, bakicwa urubozo kandi bakabambwa ku nkuta z'uwo mujyi. Buri munsi abantu amagana menshi bicwaga muri ubwo buryo, kandi icyo gikorwa gishishana cyarakomeje kugeza ubwo mu kibaya cya Yehoshafati n'icy'i Kaluvari hari hashinze imisaraba myinshiku

* talento=Amadolari 874.2 cyangwa hafi frw.437 000

buryo bitari byoroshye kubona aho uca ngo uyinyure hagati. Bagezweho n'umuvumo uteye ubwoba bari barisabiye igihe bari imbere y'intebe y'imanza ya Pilato bavuga ngo : « Amaraso ye araduhame ahame n'abana bacu » Matayo 27:25 [Bibiliya Ijambo ry'Imana]

Titus yajyaga kugira ubushake bwo guhagarika ayo marorerwa ateye ubwoba, bityo akaba akijije Yerusalemu kugerwaho n'urugero rwuzuye rw'akaga kari kayirindiriye. Igihe yabonaga ibirundo by'intumbi z'abishwe zigerekeranye muri ibyo bibaya, yuzuwe n'umubabaro. Igihe yarebaga ubwiza bw'ingoro y'Imana ahagaze mu mpinga y'Umusozi w'imyelayo, yumvise ayitangariye bituma ategeka ko birinda kuyikuraho n'ibuye rimwe. Mbere yo kugerageza kwigarurira icyo gihome, yinginze abategetsi b'Abayuda abasaba kutamutera kwandurisha amaraso aho hantu haziranenge. Iyo basohoka bakajya kugira ahandi barwanira, nta Munyaroma n'umwe wajyaga kwangiza ukwera kw'ingoro y'Imana. Josephus nawe, mu mvugo nziza yo kubinginga, yabasabye rwose kureka intambara bakayoboka kugira ngo bakize amagara yabo n'umujyi wabo, ndetse n'ahantu basengeraga. Nyamara kuri ayo magambo yababwiye, bamusubije bamutuka cyane. Uwo muntu wababereye umuhuza ubuheruka, bamuhundagajeho imyambi igihe yari ahagaze imbere yabo abinginga. Abayuda bari baranze kwemera kwinginga k'Umwana w'Imana; bityo rero kujya inama na bo no kubinginga byabateraga gusa kurushaho kwiyemeza kwihagararaho kugeza ku iherezo. Umurava wa Titus wo kurwana ku ngoro y'Imana ntacyo wagezeho, kuko Umurusha ubushobozi yari yarahanuye ko nta buye rizasigara rigeretse ku rindi.

Kutava ku izima kw'abategetsi b'Abayuda n'amarorerwa yakorerwaga muri uwo mujyi wari ugoswe byakongeje uburakari n'umujinya by'Abanyaroma, maze Titus yiyemeza kugaba igitero ku ngoro y'Imana no kuyigarurira. Icyakora, yiyemeje ko biramutse bishobotse iyo ngoro itagomba gusenywa, ariko amabwiriza ye ntiyigeze akurikizwa. Nijoro, igihe yari yisubiriye mu ihema rye, Abayuda basohotse mu ngoro bagaba igitero ku ngabo zari hanze. Muri iyo mirwano, umusirikare yajugunye igishirira kinyura mu idirishya ryo mu ibaraza maze ibyumba byubakishije imyerezi byari bikikije iyo ngoro nziranenge bihita bishya biragurumana.

Titus yihutiye kuhagera akurikiwe n'abasirikare be bakuru ndetse n'ingabo ze ibihumbi n'uduhumbi maze ategeka abasirikare be kuhazimya. Amagambo ye ntiyigeze yitabwaho. Abasirikare bari barakaye bajugunye ibishashi by'umuriro mu byumba byari bibangikanye n'ingoro y'Imana, maze bicisha inkota abantu benshi cyane bari bahahungiye. Imivu y'amaraso yamanutse ku ngazi z'ingoro atemba nk'amazi. Abayuda ibihumbi byinshi barahatikiriye. Uretse induru y'imirwano, humvikanaga n'amajwi avuga ngo : « Ikabodi! » bisobanura ngo : « Icyubahiro gishize kuri Isiraheli »

"Titus yabonye ko adashobora guhosha uburakari bw'abasirikare; yinjiranye mu ngoro n'abakuru b'ingabo be maze bitegereza uko iyo nyubako yari iteye imbere. Ubwiza bwayo bwarabatangaje, maze kuko ibirimi by'umuriro byari bitaragera ahera, agerageza ubuheruka gukora iyo bwabaga kugira ngo batayisenya, nuko asohotse arongera yinginga abasirikare ngo bahagarike inkongi y'umuriro bawubuze gukwira hose. Liberalis wari umukapiteni w'umutwe w'abasirikare ijana yagerageje guhatira abasirikare be kumwumvira akoresheje inkoni ye y'ubuyobozi; nyamara no kubaha umwami w'abami ubwabyo byari byasimbuwe n'umujinya w'inkazi bari bafitiye Abayuda, gushishikazwa n'imirwano kuzuye ubugome ndetse no kurangamira gusahura. Abasirikare babonaga ibibazengurutse byose birabagirana zahabu yabengeraniraga cyane mu mucyo ukaze w'ibirimi by'umuriro; bibwiye ko mu buturo bwera hahunitswemo ubutunzi butabarika. Umusirikare batamenye uwo ari we yajugunye igiti cyaka umuriro kinyura hagati y'amapata y'urugi, maze inyubako y'ingoro yose ihita ifatwa n'inkongi y'umuriro. Umwotsi n'umuriro byahumaga amaso byatumye abakuru b'ingabo bisubirirayo, maze iyo nyubako y'agahebuzo igerwaho n'akaga kari kayirindiriye.

"Byakuye Abanyaroma umutima, ubwo se byacuze iki ku Bayuda ? Impinga yose y'umusozi wari wubatsweho umujyi yagurumanye umuriro nk'ikirunga. Amazu yagwiriranye umusubizo kandi mu kugwirirana kwayo hakumvikana urusaku rwinshi, maze yose amirwa n'umuriro ugurumana. Ibisenge by'amazu byari bikozwe mu biti by'amasederi byari bimeze nk'umuriro ugurumana; udusongero tw'ingoro twari tuyagirijweho izahabu twabengeranaga nk'ibirimi by'umucyo utukura; mu minara yo ku irembo hacumbaga ibirimi birebire by'umuriro n'umwotsi. Imisozi ihakikije yamurikiwe n'ibyo birimi by'umuriro, kandi wabonaga udutsiko tw'abantu bitegerezanyaga ubwoba uko umujyi wasenywaga.

Imbaga y'abantu benshi yari yuzuye hejuru y'inkuta n'utununga by'uwo mujyi, amaso ya bamwe yijimishijwe n'umubabaro utewe no kwiheba, abandi barakajwe no kunanirwa kwihorera. Induru y'abasirikare b'Abanyaroma bakubitaga hirya no hino ndetse no gutaka kw'ababigometseho bakongokeraga mu birimi by'umuriro, byivanze n'urusaku rw'umuriro wagurumanaga no guhinda kw'amajwi y'ibiti byo ku mazu byahanukaga. Za nyiramubande zumvikanishaga amajwi yo gutaka kw'abantu bari mu mpinga z'imisozi. Ahakikije inkuta z'umujyi hose hirangiraga amajwi yo gutaka no kuboroga. Abantu bicwaga n'inzara babumbiye hamwe utubaraga bari basigaranye batera hejuru batakishwa n'umubabaro n'amakuba.

"Ubwicanyi bwakorerwaga imbere mu ngoro bwari buteye ubwoba kurenza ibyaberaga hanze yayo. Abagabo n'abagore, abashaje n'abasore, ibyigomeke n'abatambyi, abarwanaga n'abatakambaga basaba imbabazi, bose bishwe umusubizo nta kuvangura. Umubare w'abishwe warutaga uw'abicaga. Byabaye ngombwa ko abasirikare b'Abanyaroma burira ibirundo by'intumbi kugira ngo babone uko bakomeza gutsembatsemba abantu."[17]-

Ingoro y'Imana imaze gusenywa, umujyi wose wahise ufatwa n' Abanyaroma. Abakuru b'Abayuda barahunze bava mu minara yabo bibwiraga ko idashobora gufatwa, maze Titus asanga nta muntu uyirangwamo. Yayitegereje ayitangariye maze avuga ko Imana ari yo yayimugabije kuko ubundi nta ntwaro z'intambara, uko zari kuba zikomeye kose zari gushobora guhirika inkike z'uwo mudugudu. Umujyi n'ingoro y'Imana byarasenywe byombi kugeza ku mfatiro zabyo, maze ubutaka bwari bwubatsweho inzu y'Imana «buhingwa nk'umurima ». Yeremiya 26:18. Mu gitero n'ubwicanyi byakurikiyeho, abantu barenga miriyoni barahaguye; abarokotse bajyanwa ari abanyagano, bagurishwa nk'abacakara, barabakurubana babajyana i Roma kwerekana insinzi yabo, babajugunyira inyamaswa z'inkazi mu bibuga

17 =Milman, the History of the jews,book 16.

by'imikino ngo zibarye, abandi baratatana bakwira isi yose bameze nk'inzererezi zitagira aho kuba.

Abayuda ni bo bari barikururiye akaga kuko bari bariyuzurije urugero rwo kwiturwa ibibi bakoze. Mu kurimburwa kw'ishyanga ryabo no mu mahano yakomeje kubagwirira bamaze gutatana, babonyemo ingaruka z'ibikorwa byabo bwite. Umuhanuzi aravuga ati: "Isirayeli we, uririmbuje," "kuko wagushijwe n'igicumuro cyawe." Hoseya 13:9; 14:1. Incuro nyinshi imibabaro yabagezeho ifatwa nk'igihano cyabagezeho gitegetswe n'Imana ubwayo. Uko ni ko umushukanyi ukomeye abigenza kugira ngo ahishe abantu imikorere ye bwite. Igihe Abayuda bizirikaga ku kwanga kwakira urukundo rw'Imana n'imbabazi zayo, batumye uburinzi bw'Imana bibakurwaho, maze Satani yemererwa kubategeka uko ashaka. Ubwicanyi buteye ubwoba bwakozwe mu gihe cy'isenywa rya Yerusalemu ni igihamya cyerekana ubugome Satani ategekesha abirunduriye mu buyobozi bwe.

Ntidushobora kumenya icyo twakwitura Kristo kubera amahoro n'uburinzi tumukesha. Ububasha bw'Imana bukumira ibibi ni bwo burinda abantu kurundukira mu butegetsi bwa Satani. Abantu batumvira ndetse n'indashima bafite impamvu ikomeye yabatera gushimira Imana imbabazi no kwihangana ibagaragariza mu gukumira imbaraga kirimbuzi z'umwanzi kandi zirimo ubugome. Ariko iyo abantu barenze aho kwihangana kw'Imana kugarukira, iyo mbaraga ikumira ikibi ibakurwaho.

Ntabwo Imana yitwara ku munyabyaha nk'imucira urubanza rw'igicumuro cye; ahubwo abanze kwemera ubuntu bwayo irabareka bakagerwaho n'ingaruka z'ibyo bakoze. Umucyo wose umuntu yanze kwemera, umuburo wose asuzuguye, icyifuzo cyose yirundumuriyemo, no kugomera amategeko y'Imana kose, biba ari urubuto rubibwe kandi rutabura gutanga umusaruro. Iyo umunyabyaha arwanyije Mwuka w'Imana byimazeyo, amaherezo Mwuka akurwa kuri uwo munyabyaha, maze agasigara atagishoboye gutegeka ibyifuzo bibi bya kamere kandi adafite umurinda ubugome n'urwango bya Satani.

Gusenywa kwa Yerusalemu ni umuburo ukomeye kandi wo kwitonderwa ugenewe abantu bose bakerensa impano z'ubuntu bw'Imana kandi banga kwemera kwingingana imbabazi kwayo. Nta gihe higeze hatangwa igihamya kiruta icyo cyerekana urwango Imana yanga icyaha kandi cyerekana igihano umunyabyaha azahabwa nta kabuza.

Ubuhanuzi bw'Umukiza bwerekeye urubanza Yerusalemu yaciriwe bugomba kongera gusohozwa mu bundi buryo, kandi amarorerwa ateye ubwoba yabaye kuri Yerusalemu yerekana gusa ishusho ntoya y'ibyo bindi bizabaho. Isenywa ry'umujyi watoranyijwe n'Imana ritwereka akaga kazagera ku isi yanze kwemera imbabazi z'Imana kandi igasuzugura amategeko yayo.

Mu binyejana byinshi iyi si imaze iri mu cyaha, yaranzwe n'amateka mabi bikabije y'umubabaro n'agahinda byageze ku bantu. Imitima y'abantu irarwaye kandi intekerezo zabo zigenda zicogora mu byo kumenya ubwenge. Kugomera ubuyobozi bw'Ijuru byababazaniye ingaruka mbi bikabije. Nyamara, hari ibindi byahanuwe birusha ibyo kuba bibi bitarabaho ubu bitegerejwe. Ibyaranze ibihe byahise: intambara z'urudaca zagiye zikurikirana, amakimbirane, imyivumbagatanyo, «Ibyuma abafite intwaro bari bifurebye mu ntambara byose n'imyenda igaraguwe mu maraso» Yesaya 9:5-- mbega ukuntu ari ubusa, ubigereranyije n'ibiteye ubwoba bizabaho igihe Mwuka w'Imana ukumira ibibi azaba yakuwe ku nkozi z'ibibi, atagikumira gusandara kw'irari rya kimuntu ndetse n'umujinya wa Satani! Icyo gihe abatuye isi bazabona ingaruka z'ubutegetsi bwa Satani kurenza uko baba barigeze kuzibona.

Ariko nk'uko byagenze mu gihe cy'isenywa rya Yerusalemu, icyo gihe abayoboke b'Imana bazakizwa akaga, umuntu wese uzasangwa yanditswe mu bazima. Yesaya 4:3. Kristo yavuze ko azagaruka gukoranyiriza iruhande rwe abayoboke be bamunambyeho. « Ubwo ni bwo ikimenyetso cy'Umwana w'umuntu kizabonekera mu ijuru, n'amoko yose yo mu isi ni bwo azaboroga, abonye Umwana w'umuntu aje ku bicu byo mu ijuru, afite ubushobozi n'ubwiza bwinshi. Azatumisha abamarayika be ijwi rirenga ry'impanda, bateranye intore ze mu birere bine, uhereye impera y'ijuru, ukageza iyindi mpera yaryo.» Matayo 24:30, 31.

Ubwo ni bwo abatumvira ubutumwa bwiza bazicwa n'Umwuka uva mu kanwa ke bagatsembwa no kurabagirana ko kuza kwe. 2Abatesalonike 2:8. Nk'uko byagenze kuri Isiraheli ya kera, abanyabyaha ni bo birimbura bagapfa bazize gukora nabi kwabo. Kubera imibereho y'icyaha, bitandukanije n'Imana cyane kandi kamere zabo zaheneberejwe n'ibibi cyane ku buryo kwerekanwa kw'ikuzo ryayo kubabera umuriro ukongora.

Abantu bakwiriye kuba maso kugira ngo badakerensa icyigisho Kristo yabigishirije mu magambo yavuze. Nk'uko yaburiye abigishwa be iby'isenywa rya Yerusalemu akabaha ikimenyetso cyo kurimbuka kwari kubasatiriye kugira ngo bazahunge, ni ko yaburiye abatuye isi iby'umunsi w'irimbuka riheruka, abaha n'ibimenyetso byo kwegereza kwawo kugira ngo abashaka bose bazahunge umujinya ugiye gutera. Yesu aravuga ati, «Kandi hazaba ibimenyetso ku zuba no ku kwezi no ku nyenyeri, kandi no hasi amahanga azababara.» Luka 21:25; Matayo 24:29; Mariko 13:24-26; Ibyahishuwe 6:12-17.

Ababona ibyo bimenyetso bibanziriza kuza kwe bagomba kumenya «yuko ari hafi, ndetse ageze ku rugi.» Matayo 24:33. Yatubwiye atuburira ati: «Nuko namwe mube maso» Mariko 13:35. Abita kuri uyu muburo ntibazigera bahera mu mwijima ku buryo uwo munsi wazabagwa gitumo. Nyamara ku batazaba maso, «umunsi w'Umwami wacu uzaza nk'uko umujura aza nijoro» 1 Abatesalonike 5:2-5.

Ntabwo abatuye isi biteguye kwemera ubutumwa bugenewe igihe cya none kurusha uko Abayuda bari biteguye kwemera kwakira umuburo w'Umukiza warebanaga n'isenywa rya Yerusalemu. Igihe uzazira cyose, uwo munsi w'Imana uzatungura abanyabyaha. Mu gihe ubuzima bw'abantu bugenda nk'uko bisanzwe, mu gihe abantu bazaba batwawe n'ibibanezeza, bahugiye mu bibazanira inyungu z'isi, bahugiye mu bucuruzi no gushaka amafaranga; mu gihe abayobozi mu by'idini bazaba barata gusa amajyambere n'ubwenge by'isi bagezeho, abantu na bo bakihenda ko bafite umutekano; icyo gihe ni bwo kurimbuka gutunguranye kuzagwira abo bose bazaba badamaraye n'abanyabyaha, nk'uko umujura aza mu gicuku akiba mu nzu itarinzwe, «kandi ntibazabasha kubikira na hato. »1 Abatesalonike 5:3.

Igice cya 2

ITOTEZWA RYABAYE MU BINYEJANA BYA MBERE

Igihe Yesu yahanuriraga abigishwa be iby'isenywa rya Yerusalemu n'ibyo kugaruka kwe, yanabahanuriye ibizaba ku bantu be uhereye igihe yagombaga gutandukaniraho na bo asubiye mu ijuru kugeza igihe azagarukira afite ububasha n'ikuzo aje kubacungura. Umukiza ari ku musozi w'imyelayo, yarebaga umuraba w'akaga wari hafi yo kwisuka ku itorero ry'intumwa, maze akomeje kureba kure mu bihe bizaza abona imivurungano ikaze kandi y'injyanamuntu yagombaga kugera ku bayoboke be mu myaka yari igiye gukurikiraho yari kurangwa n'umwijima no kurenganywa. Mu magambo make ariko afite ubusobanuro bukomeye, yabahanuriye ibyo abategetsi b'iyi si bagombaga kuzakorera itorero ry'Imana. Matayo 24:9, 21, 22. Abayoboke ba Kristo bagomba kunyura mu nzira yo gusuzugurwa, gukozwa isoni ndetse no kubabazwa nk'iyo Umwigisha wabo yanyuzemo. Urwango rwagaragarijwe Umucunguzi w'isi rwagombaga no kugera ku bazamwizera bose.

Amateka y'itorero rya mbere yabaye igihamya cyerekana ko ibyo Umukiza yavuze byasohoye. Imbaraga z'isi n'iz'ikuzimu zafatanyirije hamwe kurwanya Kristo binyuze mu kurenganya abayoboke be. Abapagani babonye hakiri kare ko ubutumwa bwiza nibutsinda, insengero nzabo n'intambiro zabo bizasenywa; ni yo mpamvu bakoresheje imbaraga zabo zose kugira ngo bakureho Ubukristo. Umuriro w'akarengane warakongejwe. Abayoboke ba Kristo bambuwe ibyo batunze kandi birukanwa mu mazu yabo. « Bihanganiraga imibabaro y'intambara nyinshi» Abaheburayo 10:32. «Abandi bakageragereshwa gushinyagurirwa no gukubitwa ibiboko, ndetse no kubohwa no gushyirwa mu nzu y'imbohe.» Abaheburayo 11:36. Benshi bahamishije kwizera no guhamya kwabo amaraso yabo. Abanyacyubahiro n'abacakara, abakire n'abakene, abanyabwenge n'abatarize, bose bishwe nta mbabazi.

Ako karengane katangiye mu gihe cy'ubutegetsi bwa Nero ahagana mu gihe Pawulo yiciwemo ahorwa kwizera kwe, kakomeje gukorwa kagenda gakaza umurego cyangwa gacogora mu binyejana byakurikiyeho. Abakristo baregwaga babeshyerwa gukora ibyaha bibi bikabije kandi bakavugwa ko ari bo bateza amakuba nk'inzara, indwara z'ibyorezo ndetse n'imitingito. Bitewe nuko bari banzwe cyane n'abantu bose kandi bakabakekaho ibibi, hari abantu bahoraga biteguye kugambanira inzirakarengane kugira ngo bibonere indamu. Babaciraga urubanza babashinja kwigomeka ku butegetsi, kuba abanzi b'idini ndetse bakaba ari bo ntandaro y'ibyorezo byibasira abantu.

Benshi muri bo bagaburiwe inyamaswa z'inkazi cyangwa bagatwikwa ari bazima imbere ya rubanda mu mazu y'imikino. Bamwe muri bo barabambwe, abandi bambikwa impu z'inyamaswa zo mu ishyamba bajugunywa mu mazu y'imyidagaduro kugira ngo imbwa zibashwanyaguze. Akenshi ibyo bihano bahabwaga ni byo abantu bagiraga gahunda nyamukuru yo kwishimisha mu minsi mikuru yahuzaga abantu bose. Abantu benshi cyane bateranaga banejejwe no

kubashungera maze mu gihe babaga batakishwa n'umubabaro basamba bakabikiriza babaseka kandi babakomera amashyi.

Abakristo bakurikiranwaga aho bahungiye hose bahigwa bunyamaswa. Byabaye ngombwa ko bihisha ahantu hadatuwe. «Banyazwe byose, bakababazwa, bakagirirwa nabi; yemwe n'isi ntiyari ikwiriye ko bayibamo! Bazereraga mu mashyamba no mu bihanamanga no mu mavumo no mu masenga.» Abaheburayo 11:37,38.

Ubuvumo bwabaye ubuhungiro bw'abantu ibihumbi byinshi. Munsi y'imisozi yari inyuma y'umujyi wa Roma hari haracukuwemo inzira ndende zanyuraga mu gitaka no mu bitare. Urusobe rw'izo nzira zabaga zijimye kandi zanyuranagamo rwahingukaga mu birometero byinshi inyuma y'inkuta z'umujyi. Muri ubwo bwihisho bwo mu buvumo ni ho abayoboke ba Kristo bashyinguraga ababo bapfuye, kandi iyo abantu babaregaga ndetse bakabakatira urwo gupfa bakanigarurira imitungo yabo ni ho bazaga gutura. Igihe Umuremyi azakangura abasinziriye barwanye intambara nziza, abantu benshi bishwe bahorwa Kristo bazasohoka mu bituro bicuze umwijima.

Muri ako karengane kakoranywe ubugome bwinshi, abo bahamya ba Kristo barinze ubusugi bwo kwizera kwabo. Nubwo batswe uburenganzira bwabo, bakaba bataragerwagaho n'umucyo w'izuba, bakaba bari mu buvumo bucuze umwijima ariko bubahaye umutekano, ntibigeze bivovota. Babwiranaga amagambo yo kwizera, kwihangana n'ibyiringiro kugira ngo bihanganire ubukene n'umubabaro byari bibugarije. Ntabwo kubura imitungo yabo yose ya hano ku isi byashoboraga kubatera kureka kwizera Kristo kwabo. Ibigeragezo n'akarengane byari intambwe zibegereza ikiruhuko n'ingororano bagenewe.

Nk'uko byagendekeye abagaragu b'Imana mu bihe bya kera, benshi muri bo «bishwe urubozo ntibemera kurengerwa, kugira ngo bazazuke bahabwe ubugingo buhebuje.» Abaheburayi 11:35 [Bibiliya Ijambo ry'Imana]. Bibukaga amagambo Kristo yari yaravuze ko nibarenganywa ari we bazira, bakwiriye kwishima cyane kuko ingororano bazaherwa mu ijuru ari nyinshi; kuko uko ari ko abahanuzi barenganyijwe mbere yabo. Bashimishwaga no kubarwa mu bakwiye kurenganywa bahorwa ukuri, maze indirimbo zo kunesha baririmbaga zikazamuka ziva mu rusaku rw'ibirimi by'umuriro wabatwikaga. Barebaga mu ijuru mu kwizera bakabona Kristo n'abamarayika bunamye ku nkike z'ijuru babitegerezanya amatsiko kandi babarebana indoro igaragaza ko bemeye gushikama kwabo. Bumvise ijwi rivuye ku ntebe y'Imana rirababwira riti, «Ujye ukiranuka, uzageze ku gupfa: nanjye nzaguha ikamba ry'ubugingo.» Ibyahishuwe 2:10.

Imbaraga zose Satani yakoresheje kugira ngo arimbure itorero rya Kristo binyuze mu kurirenganya zabaye impfabusa. Intambara ikomeye abigishwa ba Kristo baguyemo ntiyarangiranye no gupfa kwabo baguye ku rugamba. Mu rupfu rwabo harimo kunesha. Abakozi b'Imana barishwe ariko umurimo wayo wakomeje kujya mbere utajegajega. Ubutumwa bwiza bwakomeje gukwira ahantu hose ndetse n'ababwemeye barushaho kugwira. Ubutumwa bwiza bwacengeye ahantu n'ibirango by'ubutegetsi bw'i Roma bitabashaga kugera. Umukristo umwe waganiraga n'abategetsi b'abapagani bari bakajije umurego mu kubarenganya, yarababwiye ati: Mushobora «kutwica, kudushinyagurira, kuducira urubanza,... Kudakoresha ukuri kwanyu ni igihamya cyerekana ko turi inzirakarengane....Ndetse n'ubugome

bwanyu...ntacyo buzabamarira.» Akarengane kari imbaraga ikomeye ihamagarira abandi kubasanga bakemera kwizera kwabo. Uwo warenganywaga yakomeje avuga ati: «Uko murushaho kutwica ni ko turushaho kwiyongera. Amaraso y'abakristo ameneka ni imbuto ibibwe.» [18]

Abantu ibihumbi byinshi barafunzwe kandi baricwa, nyamara habonekaga abandi bakabasimbura. Abarenganywaga bahorwa kwizera kwabo baboneraga uburuhukiro muri Kristo kandi yababaze nk'abatsinze. Bari bararwanye intambara nziza, bityo bagomba kuzahabwa ikamba ry'icyubahiro ubwo Kristo azaba agarutse. Imibabaro abakristo banyuzemo bihanganye yatumye barushaho kwegerana ubwabo kandi barushaho kwegerana n'Umukiza wabo. Urugero rw'imibereho yabo n'ubuhamya bw'urupfu bishwe byari ibihamya bihoraho by'ukuri, kandi aho abantu batakekaga babonye abari abayoboke ba Satani bareka kumukorera bakayoboka Kristo.

Kubw'ibyo, Satani yagize imigambi yo kurwanya ubutegetsi bw'Imana akoresheje gushinga ibendera rye mu itorero rya Kristo. Iyo ashobora gushuka abayoboke ba Kristo kandi akabakoresha ibitanejeje Imana byari gutuma imbaraga zabo, kwihanganira umubabaro kwabo ndetse no gushikama kwabo bicogora maze akabagusha mu mutego bitamuruhije.

Icyo gihe, ibyo umwanzi yari yarananiwe kugeraho akoresheje imbaraga, noneho yihatiye kubigeraho akoresheje ubucakura. Kurenganya abakristo byarahosheje maze bisimburwa no kubashukashukisha kubaha ubukire bumara igihe gito ndetse n'icyubahiro cy'isi. Ibyo byatumye abasenga ibigirwamana bemera umugabane umwe w'imyizerere ya gikristo nyamara bagahinyura ukundi kuri kw'ingenzi. Bavugaga ko bemera ko Kristo ari Umwana w'Imana kandi ko bizera urupfu rwe n'umuzuko we, nyamara ntibigeze bemezwa ko ari abanyabyaha, kandi bumvaga badakeneye kwihana cyangwa guhinduka mu mitima yabo. Bamaze kwiyemeza kureka ibintu bimwe na bimwe, basabye abakristo ko nabo bakwemera kugira ibyo bigomwa kugira ngo bahurize hamwe mu kwizera Kristo.

Icyo gihe itorero ryari riri mu kaga gateye ubwoba. Ibyo bihe byari bibi kurusha ibyo ryari ryaranyuzemo byo gushyirwa muri gereza, kwicwa urubozo, gutwikwa, ndetse no kwicishwa inkota. Abakristo bamwe barashikamye, bavuga ko badashobora kwemera ubwumvikane bubasaba kudohoka ku kwizera kwabo. Abandi bakristo bashyigikiye kwemera ibyo basabwaga cyangwa kwemera kugira ibyo bahindura mu myizerere yabo kugira ngo bihuze n'abo bari bafite ubukiristo butuzuye, bavuga ko ibyo bishobora kubabera uburyo bwo guhinduka byuzuye. Icyo gihe cyabereye abayoboke ba Kristo b'indahemuka igihe cy'umubabaro ukomeye. Satani yarimo acengera mu itorero buhoro buhoro anyuze mu kwiyoberanya kw'abo biyitaga abakristo, agambiriye kwangiza kwizera kwabo no gukura intekerezo zabo ku ijambo ry'ukuri.

Abakristo benshi bageze aho bemera kudohoka ku myizerere yabo maze ubukristo bwunga ubumwe n'ubupagani. Nubwo abasengaga ibigirwamana bavugaga ko bihannye kandi bakaba barafatanyaga n'itorero, bakomeje gusenga ibigirwamana, icyo bakoze gusa ni uko ibyo basengaga babihinduyemo amashusho ya Yesu, aya Mariya ndetse n'ay'abatagatifu. Umusemburo mubi wo gusenga ibigirwamana

18 Tertullian, Apology, Paragraph 50

wari winjiye mu itorero utyo wakomeje umurimo wawo wo kuryanginza. Amahame ayobya, imihango ya gipagani ndetse n'imigenzo yo gusenga ibigirwamana byinjijwe mu myizerere no mu kuramya kwaryo. Uko abayoboke ba Kristo bifatanyaga n'abasenga ibigirwamana ni ko imyizerere ya gikristo yononekaraga maze itorero ritakaza ukwera kwaryo n'ubushobozi bwaryo. Icyakora hari bamwe batigeze bayobywa n'ubwo buhendanyi. Bakomeje kuyoboka Imana Nyir'ukuri bayibera indahemuka kandi aba ari yo baramya yonyine.

Mu bihe byose, abantu bavuga ko ari abayoboke ba Kristo bagiye baba mu matsinda abiri. Mu gihe abo mu itsinda rimwe biga iby'imibereho y'Umukiza maze bagaharanira kugorora ibyabo bidatunganye no gukurikiza uwo Mukiza bafataho icyitegererezo, abo mu rindi tsinda bo birengagiza ukuri gusobanutse kandi gufatika gutuma ibicumuro byabo bijya ahagaragara. No mu gihe itorero ryabaga ritari mu karengane, ntabwo abarigize bose babaga ari abanyakuri, intungane cyangwa indahemuka.

Umukiza wacu yigishije ko abirundumurira mu cyaha babigambiriye badakwiriye kwemererwa kwinjira mu itorero, nyamara we ubwe yiyegerezaga abantu bafite inenge mu mico yabo akabaha umwanya wo kwiga inyigisho ze no kumureberaho kugira ngo babone amakosa yabo kandi bayakosore. Mu ntumwa cumi n'ebyiri ze harimo umugambanyi. Yuda yemerewe kuba umwe mu ntumwa bidatewe n'inenge zarangwaga mu mico ye, ahubwo yemerewe bitewe nuko izo nenge zirengagijwe. Yegerejwe abigishwa kugira ngo yigire imico ya gikristo nyakuri ku nyigisho za Kristo no ku rugero rwe, bityo abashishwe kumenya ibicumuro bye, kubyihana no kwejesha umutima we "Kumvira ukuri" afashijwe n'ubuntu bw'Imana. Nyamara Yuda yanze kugendera mu mucyo yahawe ku buntu. Kwirundumurira mu cyaha byamuteye kwikururira ibigeragezo bya Satani. Ingeso mbi zarangwaga mu mico ye zageze aho zisigara zimwitegekera. Yeguriye intekerezo ze gutegekwa n'imbaraga z'umwijima, akarakazwa n'uko bamucyashye kubera ibyaha bye, bityo ibyo bimugeza ku gukora icyaha cy'ubugome cyo kugambanira Umwigisha we. Uko rero ni ko abagundira ibibi kandi bavuga ko ari intungane banga ababuza amahoro bacira iteka imigenzereze yabo y'icyaha. Iyo babonye uburyo, na bo bagambanira abashatse kubereka ibyiza bari bakwiriye gukora nk'uko Yuda yabigenje.

Intumwa za Yesu zabanye mu itorero n'abameze batyo bavugaga ko bagendera mu bushake bw'Imana nyamara ku rundi ruhande bikundiye kwibera mu byaha rwihishwa. Ananiya na Safira babaye ababeshyi, berekanye ko batuye Imana ituro rishyitse nyamara bafite umugabane bizigamiye kubwo gukunda ibintu. Mwuka w'Imana yahishuriye intumwa imico nyayo y'abo banyabinyoma, maze urubanza yabaciriye rukiza itorero icyo kizinga kibi cyanduje kwera kwaryo. Icyo gihamya cy'uko itorero rifite Mwuka wa Kristo umenya byose cyateye ubwoba abari indyarya n'inkozi z'ibibi. Ntibari bagishoboye kugumana n'abari bamenyereye kandi biteguye guhora ari abavugizi ba Kristo. Bityo, igihe ibigeragezo n'akarengane byageraga ku bayoboke be, abari bafite ubushake bwo gusiga byose kubwo kurengera ukuri ni bo bonyine babaga bashaka kuba abigishwa be. Kubw'ibyo, uko akarengane kakomezaga kubaho, itorero ryagumyaga gusa n'iririmo abantu baboneye. Ariko igihe akarengane kabaga gahagaze, ryiyongeragamo abihannye bya nyirarureshwa batitanze by'ukuri maze bituma Satani abona uko arishingamo ibirindiro.

Nyamara ntabwo Umwami w'umucyo afatanya n'umwami w'umwijima, kandi n'abayoboke babo ntibashobora gufatanya. Igihe abakristo bemeraga gufatanya n'abaretse ubupagani by'igice, bari batangiye inzira yaje kubatandukanya n'ukuri ibageza kure yako. Satani yishimiye ko yashoboye gushuka abayoboke ba Kristo benshi atyo. Satani rero yatumye bagira ubushobozi bwe maze abashyiramo ubushake bwo kurenganya abakomeje kuba indahemuka ku Mana. Nta muntu wajyaga kumenya uko yarwanya kwizera kwa gikristo nyakuri kurusha abari barahoze bagushyigikiye mu bihe byashize; kandi abo bakristo bayobye, bafatanyije na bagenzi babo bavangaga ubupagani n'ubukristo, barwanyije ingingo z'ingenzi kurusha izindi ziranga inyigisho za Kristo.

Kugira ngo abifuzaga kunamba kuri Kristo bashobore kurwanya bashikamye ibinyoma ndetse n'ibintu biteye ishozi byinjizwaga mu itorero byiyoberanyije mu murimo wo guhuza abantu n'Imana, byababaye ngombwa ko barwana urugamba rukomeye. Abantu ntibemeraga ko Bibiliya ari ishingiro ryo kwizera. Ihame ry'umudendezo mu by'iyobokamana baryitaga ubuyobe kandi abari barishyigikiye barangwaga ndetse bakagirwa ibicibwa.

Nyuma y'ayo makimbirane akaze kandi yamaze igihe kirekire, abo bake banambye kuri Kristo biyemeje kwitandukanya burundu n'itorero ryayobye igihe ryari kugumya kwanga kuva mu nyigisho z'ibinyoma no gusenga ibigirwamana. Babonaga ko uko gutandukana ari ngombwa cyane niba bagomba kumvira ijambo ry'Imana. Ntibatinyukaga kwihanganira amakosa babonaga ko yabazanira ingorane, ngo batange urugero ruzashyira kwizera kw'abana babo n'ukw'abuzukuru babo mu kaga. Kugira ngo haboneke amahoro n'ubumwe, bari biteguye kuba bagira icyo ari cyo cyose bumvikanaho na bagenzi babo kitanyuranye no gukiranukira Imana kwabo. Nyamara biyumvagamo ko ayo mahoro yaba aguzwe igiciro gikabije kuba cyinshi abaye aguranwe kureka amahame bagenderagaho. Babonaga ko kugira ubumwe biramutse bibonetse biturutse ku kudohoka ku kuri no gukiranuka, icyaba cyiza ari uko habaho gutandukana ndetse yemwe n'intambara.

Iyaba amahame yagengaga abo bantu bari bashikamye yongeraga gukorera mu mitima y'abiyita abantu b'Imana, isi ndetse n'itorero byamera neza. Ubu hariho kwirengagiza bikomeye amahame kwizera kwa gikristo gushingiyeho. Hariho imyumvire igenda isakara ahantu hose ivuga ko n'ubundi ayo mahame nta gaciro gakomeye afite. Ubwo buhenebere buragenda butera imbaraga abakozi ba Satani ku buryo inyigisho z'ibinyoma n'ibishuko biteza akaga byarwanyijwe kandi bishyirwa ahagaragara n'abubahaga Imana bo mu bihe bya kera bagombye guhara amagara yabo, usanga ubu bishyigikiwe n'abantu ibihumbi byinshi bavuga ko ari abayoboke ba Kristo.

Abakristo bo mu itorero rya mbere bari abantu badasanzwe. Imyitwarire yabo itagira amakemwa no kwizera kwabo kudakebakeba byahoraga ari ikirego kibuza amahoro abanyabyaha. Nubwo bari bake, batagira umutungo mwinshi, badafite imyanya ihanitse n'ibyubahiro bikomeye, bateraga ubwoba inkozi z'ibibi z'ahantu hose imico yabo n'inyigisho zabo byamenyekanaga. Ni yo mpamvu abanyabyaha babanganga nk'uko umunyabibi Kayini yanze murumuna we Abeli. Impamvu yatumye Kayini yica Abeli ni yo yatumye abanze kumva ijwi rya Mwuka Muziranenge bica abana b'Imana. Ni cyo cyatumye Abayuda banga Umukiza

bakanamubamba; kuko ubutungane n'ubuziranenge bw'imico ye bwahoraga burega kwikunda no kononekara kwabo. Kuva mu gihe cya Kristo kugeza ubu, abigishwa be b'indahemuka bagiye bangwa kandi bakarwanywa n'abakunda inzira z'icyaha kandi bakazigenderamo.

None se ni mu buhe buryo ubutumwa bwiza bushobora kwitwa ubutumwa bw'amahoro? Igihe Yesaya yahanuraga kuvuka kwa Mesiya, yamwise « Umwami w'amahoro.» Igihe abamarayika bamenyeshaga abungeri b'intama ko Kristo yavutse, baririmbiye mu bibaya by'i Betelehemu bavuga bati: « Mu ijuru icyubahiro kibe icy'Imana, no mu isi amahoro abe mu bo yishimira.» Luka 2:14. Ayo magambo abahanuzi bavuze asa n'avuguruzanya n'ayo Kristo yavuze ati: «Mwe gutekereza ko nazanywe no kuzana amahoro mu isi : sinaje kuzana amahoro, ahubwo naje kuzana inkota.» Matayo 10:34. Nyamara iyo usobanukiwe neza izo mvugo zombi, usanga zivuga rumwe rwose. Ubutumwa bwiza ni ubutumwa bw'amahoro. Abantu baramutse bemeye kubwakira kandi bakabwumvira, Ubukristo ni gahunda yazanira isi yose amahoro, ubwumvikane ndetse n'umunezero. Ubukristo buhuriza abemera inyigisho zabwo bose mu isano y'ubuvandimwe bwimbitse. Icyazanye Kristo ni ukunga umuntu n'Imana, bityo akunga n'umuntu na mugenzi we. Nyamara abatuye isi benshi bakoreshwa na Satani, ari we mwanzi kabuhariwe wa Kristo. Ubutumwa bwiza bubigisha amahame agenga imibereho anyuranye cyane n'ingeso zabo n'ibyifuzo byabo maze bigatuma baburwanya. Banga ubutungane bushyira ku mugaragaro ibyaha byabo kandi bukabiciraho iteka maze bigatuma barenganya abababwiriza kugira imibereho igendera ku mabwiriza yabwo y'ukuri kandi atunganye. Ni muri ubwo buryo Ubutumwa bwiza bwiswe inkota, kuko ukuri bwigisha kubyutsa urwango n'amakimbirane.

Uburinzi bw'Imana bukomeye bwemera ko intungane zirenganywa n'inkozi z'ibibi bwagiye buyobera abantu benshi bafite intege nke mu byo kwizera. Bamwe bageza n'aho benda kureka kwiringira Imana kwabo kuko ireka abantu basaye mu byaha bakaba abakire mu gihe abeza kandi b'intungane bo bababazwa kandi bagashinyagurirwa n'ubushobozi bw'abo banyabibi. Baribaza bati, bishoboka bite ko Imana ikiranuka, y'inyambabazi kandi ifite ubushobozi butagira iherezo, yakwihanganira akarengane n'ubugome bimeze bityo? Icyo ni ikibazo tudashobora gukemura.

Imana yaduhaye ibihamya bihagije by'urukundo rwayo, bityo ntitugomba gushidikanya ubugwaneza bwayo kuko tudashobora gusobanukirwa uburyo iturinda. Umukiza yabonye mbere y'igihe gushidikanya kwari kuzagerageza imitima y'abigishwa be bageze mu gihe cy'akarengane n'imibabaro myinshi maze arababwira ati : «Mwibuke ijambo nababwiye nti 'Umugaragu ntaruta shebuja'. Niba bandenganije, namwe bazabarenganya.» Yohana 15:20. Yesu yababajwe ku bwacu kuruta uko undi muyoboke we wese yababazwa n'ubugome bw'inkozi z'ibibi. Abababazwa by'agashinyaguro ndetse bakicwa bahorwa kwizera kwabo baba bageze ikirenge cyabo mu cy'Umwana w'Imana ukundwa.

«Umwami Imana ntitinza isezerano ryayo.» 2 Petero 3:9. Ntabwo yibagirwa cyangwa ngo yirengagize abana bayo; ahubwo yemera ko ababi bagaragaza uko imico yabo imeze kugira ngo hatagira ushaka gukora ibyo Imana ishaka ubibeshyaho. Na none abakiranutsi banyuzwa mu mubabaro ukaze kugira ngo

ubwabo batunganywe; kugira ngo batange urugero rwemeza abantu ko kwizera n'ubutungane byabo ari ukuri; ndetse no kugira ngo imyitwarire yabo itunganye ikebure abanyabyaha n'abatizera.

Imana yemera ko abanyabyaha batera imbere kandi bakerekana urwango bayanga kugira ngo igihe bazaba bujuje urugero rw'ibicumuro byabo, mu gihe cyo kurimbuka buheriheri kwabo bazibonere ko Imana itabera kandi ko ari inyambabazi. Umunsi wo kwihorera kwayo uri bugufi ubwo abagomeye amategeko yayo bakanarenganya ubwoko bwayo bazahabwa ingororano ikwiriye ibyo bakoze, ubwo buri bugome n'akarengane kose bakoreye intore z'Imana zayinambyeho bazabihanirwa nk'ababikoreye Kristo ubwe.

Hari ikindi kibazo amatorero yo muri iki gihe cyacu agomba kwitaho. Intumwa Pawulo yaravuze ati, «abashaka kujya bubaha Imana bose, bari muri Kristo Yesu, bazarenganywa.» 2 Timoteyo 3:12. None se kuki kurenganya ubwoko bw'Imana bisa n'ibyacogoye cyane? Impamvu imwe rukumbi ibitera ni uko itorero ryataye ukwera kwaryo rigakurikiza ibyo ab'isi bakora ku buryo ntagituma barirwanya. Ntabwo iyobokamana ryo muri iki gihe cyacu rirangwa n'imico itunganye yarangaga kwizera kwa Gikristo kw'abo mu gihe cya Kristo n'abo mu gihe cy'intumwa ze. Impamvu imwe rukumbi ituma muri iki gihe ubukristo busa n'ubufatanyije n'isi ni uko abakristo badohotse bagashyigikira icyaha, ni uko kandi bakabije kutita ku kuri gukomeye ko mu Ijambo ry'Imana, ni ukubera ko gukiranuka kuzima kugaragara mu itorero ari guke cyane. Nihababo ivugururwa mu kwizera n'imbaraga byarangaga itorero rya mbere, muzirebera uko umutima wo kurenganya uzongera ukabaho kandi imiriro yo kurenganya izongera gukongezwa.

Igice cya 3

Igihe cy'Umwijima mu by'Umwuka (Ubuhakanyi)

Mu rwandiko rwa kabiri intumwa Pawulo yandikiye Abanyatesalonike, yahanuye iby'ubuyobe bukomeye bwajyaga kuzaba inkurikizi y'ishyirwaho ry'ubutegetsi bw'ubupapa. Yavuze yeruye ko umunsi wa Kristo utazaza « kurya kwimura Imana kutabanje kubaho, kandi urya munyabugome atarahishurwa, ni we mwana wo kurimbuka, ni umubisha wishyira hejuru y'icyitwa imana cyose cyangwa igisengwa, kugira ngo yicare mu rusengero rw'Imana, yiyerekane ko ari Imana.» Byongeye kandi, Pawulo yaburiye abavandimwe be ati: «amayoberane y'ubugome n'ubu yatangiye gukora.» 2Abatesalonike 2:3, 4, 7.

Ayo "mayoberane y'ubugome," yatangiye rwihishwa kandi bucece maze nyuma agenda arushaho gukora ku mugaragaro uko yagendaga agwiza imbaraga kandi yigarurira ibitekerezo by'abantu, buhoro buhoro yakomeje umurimo wayo w'ubushukanyi no gutuka Imana. Imigenzo ya gipagani yinjiye mu itorero rya Gikristo mu buryo busa n'ubutagaragara. Akarengane itorero ryagiriwe n'abapagani

katumye hashira igihe abakristo badafite umutima wo kudohoka ku kwizera kwabo ngo bifatanye n'abapagani kandi ngo bigane imigenzo yabo. Nyamara aho akarengane karangiriye maze ubukristo bukagera no mu ngoro z'abami, itorero ryaretse kwicisha bugufi no kwiyoroshya kwa Kristo n'intumwa ze maze rikurikiza kwishyira imbere n'ubwibone by'abapadiri n'abayobozi b'abapagani; kandi mu cyimbo cyo gukora ibitegetswe n'Imana rikurikiza inyigisho n'imigenzo byahimbwe n'abantu. Kwihana bya nyirarureshwa kwa Constantine kwabaye mu ntangiriro z'ikinyejana cya kane kwanejeje abantu cyane; maze ingeso mbi z'isi ziherako zinjira mu itorero ziyoberanyije zisa n'ubutungane. Ubwo konona itorero byariyongereye kandi bikorwa vuba cyane. Ubupagani bwasaga n'ubwatsinzwe ariko ni bwo bwatsinze. Imikorere yabwo ni yo yategekaga itorero. Inyigisho zabwo, imihango yabwo, ndetse n'imigenzo yabwo ishingiye ku kwizera imbaraga z'ubupfumu, byinjijwe mu myizerere no mu misengere y'abiyitaga abayoboke ba Kristo.

Ubwo bwumvikane bw'ubupagani n'Ubukristo bwaje kuvamo gukomera k'umunyabugome wari warahanuwe ko azarwanya Imana kandi akishyira hejuru yayo. Iyo mikorere ikomeye y'iyobokamana ry'ibinyoma ni wo murimo ukomeye w'ububasha bwa Satani, ukaba ugaragaza umuhati agira wo kwiyimika ngo ategeke isi uko abishaka.

Satani yigeze gushaka ko Kristo adohoka ku mahame ye kugira ngo bagirane ubwumvikane. Yamusanze mu butayu yamugeragerejemo, nuko amaze kumwereka ubwami bw'isi bwose n'ikuzo ryabwo, amusezeranira kubimuha byose aramutse gusa yemeye kumvira uwo mutware w'umwijima. Kristo yacyashye uwo mushukanyi wigerejeho ahangara kumugerageza maze amutegeka kuva aho ari. Nyamara Satani arushaho kugera ku byo yashakaga iyo ashukishije umuntu ikigeragezo nk'icyo yageragereshheje Yesu. Gushaka kwibonera indamu n'icyubahiro by'isi byatumye itorero rishaka kwemerwa no gushyigikirwa n'abakomeye bo ku isi; kandi kuko ryari ryihakanye Kristo, ryohejwe kuyoboka uhagarariye Satani, ari we mwepisikopi w'i Roma.

Imwe mu nyigisho zikomeye z'itorero Gatolika ry'i Roma ivuga ko Papa ari we muyobozi mukuru ugaragara w'itorero rya Kristo ku isi yose, akaba yarahawe ubutware bwo gutegeka abepisikopi n'abapasitoro bose bo ku isi yose. Ikirenze ibyo, papa bamuha amazina y'Imana ubwayo. Bamwita « Nyagasani Mana, Papa»; kandi bavuga ko adashobora kwibeshya no kugwa mu ikosa. Ategeka abantu bose kumuramya. Icyubahiro Satani yiyitiriraga mu butayu yageragerejemo Yesu n'ubu aracyacyiyitirira abinyujije mu itorero Gatolika ry'i Roma, kandi imbaga y'abantu benshi yiteguye kumuyoboka.

Nyamara abubaha Imana kandi bakayumvira bahangana n'uko kugerageza kwiyitirira icyubahiro cy'ijuru nk'uko Kristo yamaganye ibyo umwanzi we Satani ufite amayeri menshi yamusabaga maze akamukangara ati: « Handitswe ngo 'Uramye Uwiteka Imana yawe, abe ari yo ukorera yonyine.'» Luka 4:8. Imana ntiyigeze igaragaza mu Ijambo ryayo ko hari umuntu yatoye ngo abe umutware mukuru w'itorero ryayo. Inyigisho ivuga ko ubupapa bufite ububasha bwo gutegeka itorero itandukanye n'inyigisho zo mu Byanditswe Byera. Nta bubasha Papa ashobora kugira ku itorero rya Kristo keretse ubwo yihaye ubwe.

Abagatolika b'i Roma bakomeje kurega Abaporotesitanti ko bayobye kandi ko

bitandukanyije n'itorero nyakuri babigambiriye. Nyamara ahubwo ibyo birego ni bo bitunga urutoki. Ni bo bamanuye ibendera rya Kristo maze bitandukanya no « kwizera abera bahawe rimwe, bakazageza iteka ryose» Yuda 3.

Satani yari azi neza yuko Ibyanditswe Byera bizashoboza abantu kumenya neza ubuhendanyi bwe no guhangana n'imbaraga ze bashikamye. Ndetse iryo jambo ry'Imana ni ryo Umukiza w'abatuye isi yatsindishije ibitero yamugabyeho. Buri gitero yamugabagaho, Kristo yakingaga ingabo y'ukuri guhoraho akamubwira ati:« Biranditswe ngo» [Bibiliya Ijambo ry'Imana]. Ibyo umwanzi yamusabaga gukora byose yabitsindishaga ubwenge n'ubushobozi by'ijambo ry'Imana.

Kugira ngo Satani akomeze ategeke abantu kandi ahe ububasha umupapa wihaye ubutegetsi, yagombaga kubabuza gusobanukirwa Ibyanditswe Byera. Bibiliya yerekana ikuzo ry'Imana kandi ikereka abantu bapfa umwanya barimo, ni cyo gituma umwazi yagombaga gupfukirana ukuri kwayo kuziranenge akanagukuraho. Ubwo buryo ni bwo itorero Gatolika ry'i Roma ryakurikije. Hashize imyaka amagana menshi gukwirakwiza Bibiliya bibujijwe. Abantu babujijwe kuyisoma cyangwa kuyitunga mu ngo zabo ; maze abapadiri n'abepisikopi badakurikiza amahame mazima bakajya basobanura inyigisho zayo bagambiriye gushyigikira ibinyoma byabo. Nguko uko abatuye isi hafi ya bose bageze aho bemera ko Papa ari umusimbura w'Imana ku isi n'ufite ububasha bwo gutegeka itorero na leta.

Satani amaze gukuraho icyo gikoresho gitahura ibinyoma kikabishyira ahagaragara, noneho yari abonye akito ko gukora ibyo yishakiye. Byari byarahanuwe ko ubupapa buzigira "inama yo guhindura ibihe n'amategeko." Daniyeli 7:25. Ibyo kandi ubupapa ntibwazuyaje kubikora. Mu gushaka guha abapagani bahindutse abakristo ingurane y'ibigirwamana basengaga, bityo no kwemera kuba abakristo mu magambo gusa kwabo kugashyigikirwa, buhoro buhoro itorero ryagiye ryinjizwamo gahunda yo kuramya ibishushanyo n'ibisigazwa by'imibiri y'abatunganiye Imana bo mu gihe cya kera. Hanyuma, inama rusange y'itorero yashyizeho iteka rishimangira ubwo buryo bwo kuramya ibishushanyo. Mu kuzuza icyo gikorwa cy'agahomamunwa, itorero ry'i Roma ryahangaye gukuraho itegeko rya kabiri mu mategeko y'Imana, ari ryo ribuzanya gusenga ibishushanyo, maze irya cumi barigabanyamo kabiri, kugira ngo umubare w'amategeko ukomeze kuba icumi.

Uwo mutima wo kwemera ko imigenzo ya gipagani ikorwa no mu itorero watumye habaho ukundi gusuzugura ubutware bw'Imana kurushijeho. Satani yakoreye mu bayoboraga itorero batari bariyeguriye Imana maze ahindura n'itegeko rya kane, agerageza gukuraho Isabato yari yarabayeho kuva kera, ari yo munsi Imana yahaye umugisha kandi ikaweza (Itangiriro 2:2,3); maze mu cyimbo cyawo agerageza kwerereza umunsi mukuru abapagani bizihizaga bawita "umunsi ukwiye kubahwa w'izuba." Ku ikubitiro, uwo munsi ntiwahise uhindurwa mu buryo bugaragara. Mu myaka amagana make nyuma ya Yesu, Abakristo bose bakomezaga Isabato nyakuri. Bitaga cyane ku kubaha Imana uko bikwiye, kandi kuko bizeraga ko amategeko yayo adahinduka, bagiraga umwete wo kwitondera ibyo yategetse. Ariko Satani yakoreye mu bakozi be akoresheje uburiganya bukomeye kugira ngo asohoze imigambi ye.

Kugira ngo abantu barangamire umunsi wo Ku cyumweru, uwo munsi wagizwe umunsi mukuru wo kwizihiza kuzuka kwa Kristo. Bawugiragaho gahunda z'amateraniro; nyamara bawufataga nk'umunsi w'ikiruhuko n'imyidagaduro ariko Isabato na yo bagakomeza kuyubahiriza nk'umunsi wera.

Igihe Satani yiteguraga gusohoza umugambi yashakaga kuzageraho, yari yarakoresheje Abayahudi mbere yo kuza kwa Kristo maze baremereza Isabato bakoresheje amabwiriza akarishye cyane bituma kuyubahiriza bihindukira abantu umutwaro. Muri icyo gihe rero cya nyuma ya Kristo, ashingiye ku kuntu yari yaratumye uwo munsi ufatwa nabi, yatumye abantu bawusuzugura bakawufata nk'umunsi wishyiriweho n'Abayuda. Mu gihe muri rusange Abakristo bari bakomeje kubahiriza umunsi wo ku cyumweru (kuwa mbere) nk'umunsi mukuru, yabateye gufata Isabato bayigira umunsi wo kwiyiriza ubusa, w'umubabaro ndetse n'agahinda, babikoreye kwerekana urwango bangaga idini y'Abayuda.

Mu ntangiriro z'ikinyejana cya kane, umwami w'abami Constantine yashyizeho itegeko rivuga ko umunsi wo Kucyumweru ubaye umunsi mukuru ku bantu bose batuye aho ingoma y'Abanyaroma yategekaga. (Soma iryo tegeko ku mugereka). Uwo munsi w'izuba wubahirizwaga n'abayoboke be b'abapagani kandi ukanubahwa n'Abakristo. Bityo rero uwo mwami w'abami yari afite ingamba zo guhuriza hamwe izo mpande zari zihabanye z'ubupagani n'Ubukristo. Nyamara nubwo Abakristo benshi bubahaga Imana bagendaga buhoro buhoro bafata umunsi wo Kucyumweru nk'ufite urugero runaka rw'ubuziranenge, bari bacyubahiriza Isabato nyakuri bayifata nk'umunsi wera wa Nyagasani kandi bakawizihiza bumvira itegeko rya kane.

Icyakora uwo mushukanyi ukomeye yari atarasohoza umurimo we. Yiyemeje gukorakoranya abakristo ngo abiyoborere akoreye mu cyegera cye, ari we mwepisikopi wikuzaga yiyita uhagarariye Kristo. Satani abinyujije mu bapagani bahindutse abakristo by'igice, abepisikopi bishakiraga ikuzo, ndetse n'abizera bo mu itorero bikundiraga ingeso z'isi, yabashije gusohoza umugambi we. Uko ibihe byashyiraga ibindi, hagiye habaho inama z'itorero zikomeye zabaga ziteraniyemo abayobozi bakuru b'itorero baturutse mu mpande zose z'isi. Muri izo nama hafi ya zose, bateshaga agaciro Isabato yashyizweho n'Imana maze bakarushaho kwerereza umunsi wo Kucyumweru (Dimanche). Nguko uko abantu bageze aho bubaha umunsi mukuru w'abapagani nk'aho ari umunsi washyizweho n'Imana mu gihe Isabato ivugwa muri Bibiliya yo bayitaga igisigisigi cy'idini y'Abayahudi, ndetse n'abayubahirizaga bakitwa ibivume.

Bimaze kugera aho, umugome kabuhariwe yari yaramaze kwishyira hejuru «y'icyitwa imana cyose cyangwa gisengwa.» 2Abatesalonike 2:4. Yari yaratinyutse guhindura itegeko ryo mu mategeko y'Imana, ari ryo tegeko ryonyine muri yo ryereka abantu ryeruye Imana ihoraho. Itegeko rya kane rigaragaza ko Imana ari Umuremyi w'ijuru n'isi, bigatuma itandukanywa n'ibigirwamana byose. Icyatumye umunsi wa karindwi wezwa ukagirwa umunsi abantu bagomba kuruhukaho ni ukugira ngo ujye ubabera urwibutso rw'umurimo wo kurema. Uwo munsi wagenewe guhora wibutsa abantu ko Imana ihoraho ari yo bakesha kubaho kandi ko ari yo ikwiriye kubahwa no gusengwa. Satani yihatira koshya abantu ngo be kubaha Imana no kumvira amategeko yayo. Ni cyo gituma aharanira kurwanya by'umwihariko itegeko ryerekana ko Imana ari Umuremyi.

Muri iki gihe Abaporotesitanti bavuga ko kuba Kristo yarazutse ku munsi wa mbere (Ku cyumweru) byatumye uwo munsi uba Isabato ya Gikristo. Nyamara

ibyo nta gihamya gitangwa na Bibiliya babifitiye. Ntabwo Kristo ubwe cyangwa intumwa ze ari bo bahaye umunsi wo Kucyumweru icyo cyubahiro cyo kwitwa Isabato. Kubahiriza umunsi wo Kucyumweru nk'umunsi w'Isabato byazanywe n' “amayoberane y'ubugome” yari yaratangiye gukora no mu gihe Pawulo yari akiriho. 2 Abatesalonike 2:7. Ni hehe kandi ryari Uwiteka yemeye iyo ngingo yashyizweho n’ubupapa? Ni iyihe mpamvu ifite ireme wabona yo gushyigikira iryo hinduka Bibiliya ubwayo itemera ko ryabayeho?

Mu kinyejana cya gatandatu, ubutegetsi bw'abapapa bwari bwaramaze gukomera cyane. Icyicaro cyabwo cyabaga mu murwa mukuru w'ubwami bw'Abanyaroma, bityo abantu babwirwa ko Papa ari we muyobozi mukuru w'itorero. Ubwo ubupagani bwari bwaramaze gusimburwa n'ubupapa. Ikiyoka cyari cyarahaye inyamaswa « imbaraga zacyo n’intebe yacyo y’ubwami, n’ubutware bukomeye.» Ibyahishuwe 13:2. Ubwo hatangiye imyaka 1260 y’akarengane kakozwe n'ubupapa kari karavuzwe mu buhanuzi bwa Daniyeli n'ubwo mu Byahishuwe. (Daniyeli 7:25 ; Ibyahishuwe 13:5-7). Abakristo bagombaga guhitamo kureka ubutungane bwabo bakemera imihango n’uburyo bwo gusenga byashyizweho n'ubupapa, cyangwa bagahitamo kuzagwa muri gereza zabaga munsi y'ubutaka, gutwikishwa umuriro, gushikamirwa n’imbago babashikanura, cyangwa gucibwa ibihanga. Ni bwo hasohoye amagambo Yesu yavuze ngo «ariko muzagambanirwa n’ababyeyi banyu, ndetse n’abavandimwe na bene wanyu n’incuti zanyu; bazicisha bamwe muri mwe. Muzangwa na bose babahora izina ryanjye.» Luka 21:16,17. Abizera bahuye n'akarengane gakaze kuruta ako bari barigeze guhura na ko mbere, maze isi yose ihinduka isibaniro. Abagize Itorero rya Kristo bamaze imyaka amagana menshi bihisha. Ibyo ni byo umuhanuzi yavuze ati : «Uwo mugore ahungira mu butayu, aho afite ahantu yateguriwe n’Imana, kugira ngo bamugaburirireyo, kumara iminsi igihumbi na magana abiri na mirongo itandatu » Ibyahishuwe 12:6.

Kujya ku butegetsi kw'itorero ry’i Roma kwabaye intangiriro y’ibihe by’Umwijima. Uko ububasha bw’iryo torero bwiyongeraga, ni ko n'umwijima warushagaho kubudika. Abantu bateshejwe kwizera Kristo, we rufatiro nyakuri, basigara bizera Papa w'i Roma. Mu cyimbo cyo kwiringira Umwana w’Imana ngo ababarire ibyaha abahe n’agakiza k’iteka ryose, biringiraga Papa, n’abepisikopi ndetse n'abapadiri Papa yashyizeho ngo bamuhagararire. Bigishijwe ko Papa ari we muhuza wabo n’Imana uri ku isi kandi ko ntawari gushobora kwegera Imana atamunyuzeho, kandi na none ko Papa yari kumwe na bo ari mu cyimbo cy’Imana, bityo ibyo bikaba byaravugaga ko agomba kumvirwa. Kudakurikiza amategeko ya Papa byabaga ari impamvu yo gutuma ababikoze bahabwa igihano gikomeye kibabaza imibiri n'intekerezo byabo. Kubw'ibyo, abantu bateshejwe kurangamira Imana barangamira abantu bibeshya, bayoba kandi b'abagome, kandi si ibyo gusa ahubwo ikirenzeho barangamira Umutware w'umwijima wabakoreragamo. Icyaha cyiyoberanyije mu mwambaro w'ubutungane.

Iyo Ibyanditswe Byera bikuweho maze umuntu akiyerekana ko ari we uri hejuru ya byose, icyo dusigara tubona gusa ni uburiganya, ibinyoma ndetse no guhenebera mu bibi. Uko kwimika amategeko n'imihango byashyizweho n'abantu byagaragaje kononekara kuzanwa no kwirengagiza amategeko y'Imana.

Iyo minsi cyari igihe cy'akaga ku itorero rya Kristo. Nta gushidikanya, abantu bashikamye ku kuri batadohoka bari bakeya cyane. Nubwo ukuri kutigeze kubura abaguhamya, hari ibihe wasangaga ikinyoma n'imigenzo ya gipagani bisa n'ibigiye kukunesha byimazeyo, ndetse no gusenga Imana mu buryo nyakuri bigasa n'ibizageraho bigasibangana ku isi. Ubutumwa bwiza bwari bwaribagiranye, nyamara imihango y'idini yo yakomeje kwiyongera maze abantu basigara bavunwa n'ibintu bikomeye basabwa gukora. Ntabwo bigishijwe gusa gutega amakiriro kuri Papa bamufata nk'umuhuza wabo n'Imana, ahubwo bigishijwe no kwiringira ko ibikorwa byabo ari byo biba impongano y’ibyaha byabo. Gukora ingendo ndende bajya ahantu bitaga ahaziranenge, gukora ibikorwa byo kubabaza imibiri yabo bihora ibyaha bakoze, kuramya inzibutso z'abapfuye bitaga abaziranenge, kubaka insengero, kubaka inzibutso z'abo bitaga abaziranenge, kubaka aho gutambira ibitambo, gutanga amafaranga menshi mu itorero-- ibyo bikorwa byose ndetse n'ibindi bisa nk'ibyo ni byo abantu bahatirwaga gukora kugira ngo bahoshe umujinya w'Imana, cyangwa kugira ngo Imana ikunde ibagirire neza nk’aho Imana imeze nk’abantu, ikaba irakazwa n'ubusa, cyangwa igahoshwa n’amaturo umuntu ayituye n’imirimo akoze ababaza umubiri we kugira ngo yerekane ko ababajwe n'icyaha cye!

Nubwo ubuhenebere bwarushagaho kwiyongera mu bantu bose, ndetse no mu bayobozi b’itorero ry’i Roma, imbaraga z'itorero zasaga n'iziyongera mu buryo butajegajega. Ahagana mu mpera z’ikinyejana cya munani, abagatolika b'i Roma bavuze ko no mu myaka ibanza y’itorero abepisikopi b’i Roma bahoranye ububasha bwo mu by'umwuka nk'ubwo na bo bari bafite. Kugira ngo bashimangire icyo kinyoma kibe ihame, bagombaga kugira uburyo bakoresha kugira ngo gise n'igifite imbaraga, kandi se w'ibinyoma ni we wabubigishije. Abapadiri bahimbye inyandiko bazita iza kera. Bashyize ahagaragara amategeko abantu batari barigeze babwirwa yashyizweho n'inama z'itorero, yavugaga ko uhereye kera kose papa afite ububasha bwo kuyobora itorero ku isi yose. Ubwo itorero ryari ryaranze ukuri ryasamiye hejuru ibyo binyoma.

Abizera bake b’indahemuka bari barubatse ku rufatiro nyakuri (1Abakorinto 3:10, 11) bari bababaye kandi babangamiwe ubwo amanjwe y'inyigisho z'ibinyoma yakomaga umurimo w'Imana mu nkokora. Bamwe muri bo bari biteguye kuvuga nk'abubatse inkuta za Yerusalemu mu gihe cya Nehemiya, bati: “Abikorezi bacitse intege, kandi hariho ibishingwe byinshi. Nuko ntitukibashije kubaka inkike.” Nehemiya 4:10. Kubera kuzahazwa no guhora bahanganye n'akarengane, guhora barwanya uburiganya n'icyaha ndetse no guhora barwanya ibindi bisitaza Satani yashoboraga kubashyira imbere ngo arogoye urugendo rwabo, bamwe mu bari barabaye abubatsi b'indahemuka bageze ubwo bacogora; maze kubwo gushaka umutekano n'ubusugire bw'imitungo yabo n'ubuzima bwabo, bava ku rufatiro nyakuri bari barubatseho. Ariko abandi batigeze bahungabanywa n'ibitero by'abanzi babo, bavuze bashize amanga bati: «Ntimubatinye; mwibuke Uwiteka, Umwami ukomeye uteye ubwoba» (Nehemiya 4:14); maze bakomeza umurimo wabo, buri wese acigatiye inkota ye. Abefeso 6:17.

Uwo mutima wo kwanga no kurwanya ukuri wakomeje kugaragara mu banzi b'Imana babayeho mu bihe byose byagiye bikurikirana, kandi na none umutima wo kuba maso n'ubudahemuka ni wo abagaragu bayo bagiye basabwa kugira.

Amagambo Kristo yabwiye abigishwa be ba mbere azanagumya kubwirwa abayoboke be bose kugeza ku mperuka y'ibihe :«Icyo mbabwiye, ndakibwira bose nti 'Mube maso'.» Mariko 13:37.

Umwijima wasaga n'urushaho kubudika. Gusenga igishushanyo byarushijeho gukwira mu bantu bose. Bacanaga amatara imbere y'ibishushanyo kandi bakabisenga. Imigenzo idasobanutse ndetse n'ubupfumu byakomeje kwiyongera. Ibitekerezo by'abantu byose byayoborwaga n'imyumvire n'imigenzo bipfuye ku buryo gutekereza bashyize mu gaciro byasaga n'ibyaganjwe. Niba abapadiri n'abepisikopi ubwabo bari abantu bikundira ibinezeza, bategekwa n'irari kandi barangiritse mu bijyanye n'imico mbonera; ikintu kimwe umuntu yari kwitega ku bantu babareberagaho ni ugusaya mu bujiji no mu bukozi bw'ibibi.

Hari indi ntambwe yatewe mu kwikuza k'ubupapa ubwo mu kinyejana cya cumi na kimwe, Papa Geregori wa VII yatangazaga ko Itorero ry'i Roma ari iriziranenge. Kimwe mu byo yarivugagaho ni uko, ukurikije icyo Ibyanditswe Byera bivuga, iryo torero ritigeze riyoba kandi ko ridashobora kuzigera riyoba. Nyamara ntabwo ibihamya byo mu Byanditswe Byera byigeze bijyana n'ibyo uwo mupapa yavugaga. Uwo mupapa wishyiraga hejuru yanavugaga ko afite ububasha bwo kuvana abami b'abami ku ngoma kandi avuga ko nta teka aciye rishobora kugira uwarihindura, ko ahubwo we yari afite uburenganzira bwo guhindura ibyemezo byafashwe n'abandi bantu.

Urugero rutangaje rwerekana imico y'ubunyagitugu bw'uwo mupapa wahamyaga ko abapapa badashobora kwibeshya rwagaragariye mu byo yakoreye umwami w'abami w'Ubudage, Henry wa IV. Kubera guhangara gusuzugura ubutegetsi bwa Papa, uwo mwami w'abami yabwiwe ko aciwe mu itorero kandi ko anyazwe ingoma. Henry amaze guterwa ubwoba nuko ibikomangoma bye bimuvuyeho kandi bimurwanyije, muri uko kumwigomekaho ibyo bikomangoma bikaba byari bishyigikiwe n'itegeko byahawe na Papa, yabonye ko akwiriye kwiyunga na Roma. Ubwo yafashe urugendo aherekejwe n'umugore we ndetse n'umugaragu we wamwumviraga anyura mu misozi miremire ya Alps mu gihe cy'ubukonje bwinshi cyane kugira ngo yereke papa ko yicishije bugufi imbere ye. Ageze ku ngoro Papa Geregori yari yagiye kuruhukiramo, bamujyanye mu gikari atari kumwe n'abaje bamuherekeje, maze muri ubwo bukonje bwinshi cyane nta kintu yifubitse mu mutwe no ku birenge ndetse yambaye imyenda isuzuguritse cyane, aba ari ho ategerereza ko papa amuha uburenganzira bwo kumusanga aho ari. Amaze iminsi itatu atarya kandi yatura icyaha cye ni bwo Papa yemeye kumubabarira. Kandi ubwo na bwo yagombaga gutegereza igihano azagenerwa na papa, akabona kongera kwambara ikamba ry'ubwami no gusubira ku nshingano z'ubwami. Papa Geregori, mu kwishima no kwiyemera kubera icyo gikorwa, yirase avuga ko afite inshingano yo gupfobya ubwirasi bw'abami.

Mbega itandukaniro rikomeye riri hagati y'ubwirasi bukabije bw'uwo mupapa no kwicisha bugufi ndetse n'ubugwaneza biranga Kristo, we ubwe wavuze ahagaze inyuma y'umutima w'umuntu amwinginga ngo amukingurire kugira ngo amuhe amahoro kandi amubabarire ibyaha, kandi akaba ari we wigishije abigishwa be ati: «Kandi ushaka kuba uw'imbere muri mwe agomba kuba umugaragu wanyu.» Matayo 20:27.[Bibiliya Ijambo ry'Imana]

Ibinyejana byinshi byahitaga byaranzwe no gukomeza kwiyongera kw'ibinyoma byagaragaraga mu nyigisho zigishwaga na Roma. Na mbere yuko ubupapa bubaho, inyigisho z'imyumvire ya gipagani zari zaratwaye ibitekerezo by'abagize itorero kandi zaranabagizeho ingaruka. Abantu benshi bavugaga ko bihannye babaga bagitsimbaraye ku myemerere y'inyigisho zabo za gipagani, kandi ntabwo bakomezaga kuziga ubwabo gusa ahubwo banazihatiraga abandi bavuga ko ari bwo buryo bwo kurushaho kugira ubwiganze mu bapagani.

Nguko uko amakosa akomeye yivanze mu myizerere ya gikristo. Rimwe muri ayo makosa ni ukwemera ko ubugingo bw'umuntu budapfa kandi ko umuntu wapfuye akomeza kugira ibyo amenya. Iyo nyigisho ni yo ubutegetsi bw'i Roma bwafatiyeho bushyiraho gusenga abatagatifu no kwambaza Mariya. Aho kandi ni ho haturutse ubuyobe buvuga ko ku iherezo abatarihannye bazahora bababazwa, ubwo buyobe bukaba bwarahise bwinjizwa mu myizerere y'ubupapa.

Ubwo ni bwo inzira yaharuriwe kwinjiza mu itorero ikindi gihimbano cya gipagani, ari cyo itorero ry'i Roma ryise purigatori, kandi rigikoresha ritera ubwoba imbaga y'abantu bizeraga Imana batayisobanukiwe neza ndetse n'abari mu mihango ya gipagani. Iyo nyigisho y'ubuyobe yashimangiraga ko hariho ahantu ho kubabarizwa, akaba ari ho abantu bigaragara ko badakwiye kurimburwa by'iteka ryose baherwa igihano cy'ibyaha byabo, maze bamara kubihumanurwaho bakabona kwemererwa kujya mu ijuru.[19]

Itorero ry'i Roma ryari rikeneye guhimba ikindi kinyoma ryakwifashisha kugira ngo rigire inyungu rikura mu bwoba n'ingeso mbi by'abayoboke baryo. Icyo ryakigezeho rigishobojwe n'inyigisho yo kugura imbabazi z'ibyaha. Abantu bose biyemezaga kurwanira papa mu ntambara yarwanaga ashaka kwagura ubutware bwe, ashaka guhana abanzi be cyangwa ashaka gutsembatsemba abatinyukaga guhakana ko ari umuyobozi w'itorero w'ikirenga. Abo bantu basezeranirwaga kubabarirwa ibyaha bakoze kera, ibyo bakoraga mu gihe barimo n'ibyo bari kuzakora mu bihe bizaza, ndetse no gukurirwaho imibabaro n'ibihano byari kubageraho kubera ibyo byaha. Abantu kandi bigishijwe ko guha itorero amafaranga byatuma bashobora gukizwa ibyaha ndetse bagashobora no gukiza ababo bapfuye babaga bababarizwa mu muriro. Nguko uko abategetsi b'i Roma bigwijeho ubutunzi, kandi bashimangira kwishyira hejuru, kwirimbisha ndetse n'ubukozi bw'ibibi byakorwaga n'abiyitaga abahagarariye Umukiza utarigeze agira aho kurambika umusaya.

Itegeko ryo mu Byanditswe ryerekeye umuhango w'ifunguro ryera bari bararisimbuje umuhango ujyanye no gutamba igitambo cya misa mu buryo bwo kuramya ibigirwamana. Abapadiri bakoreraga ubupapa bihamyaga ko bakoresheje imihango yabo idafite icyo ivuze bahindura umugati na divayi bisanzwe bikaba "umubiri n'amaraso nyakuri bya Kristo."

Mu kwigerezaho kuzuyemo gusuzugura Imana, bavugiraga mu ruhame ko bafite ubushobozi bwo kurema Imana, ari yo Muremyi wa byose. Abakristo bategetswe guhamya ko bizeye ubwo buyobe buteye ubwoba kandi butuka Imana, bitaba ibyo bakicwa. Abantu benshi cyane banze kubyemera baratwitswe. Mu kinyejana cya cumi na gatandatu hashyizweho ikintu giteye ubwoba kurusha ibindi bibi byose

19 Catholic Belief, 1884 ed; p.196

byashyizweho n'ubupapa. Icyo kintu cyabaye urukiko rwo gucukumbura no guhana abo bafataga ko bari mu buyobe. Umutware w'umwijima yakoranaga n'abayobozi b'inzego zose z'abapapa. Mu nama bajyaga bihishe, Satani n'abamarayika be ni bo babaga bayoboye intekerezo z'abo banyabibi, mu gihe hagati yabo habaga hahagaze umumarayika w'Imana utaragaragariraga amaso wabaga akora raporo iteye ubwoba y'amategeko y'ubukozi bw'ibibi bashyiragaho kandi akandika igitekerezo cy'ibikorwa bibi cyane bakoraga ku buryo bitahingutswa imbere y'amaso y'abantu. “Babuloni ikomeye ” yari “yarasinze amaraso y'intore z'Imana.” Abantu miliyoni nyinshi batotezwaga bahorwa kwizera Imana kwabo batakiraga Imana ngo ibahorere kuri ubwo butegetsi bwayimuye.

Ubupapa bwari bwarabaye umutware w'abari ku isi utegekesha igitugu. Abami n'abami b'abami bumviraga amategeko ashyizweho n'umupapa w'i Roma. Imibereho y'abantu, yaba iy'icyo gihe cyangwa iy'iteka ryose, yasaga naho iri mu maboko ye. Mu binyejana byinshi, inyigisho z'i Roma zari zaremewe mu bantu benshi kandi mu buryo butaziguye, imihango yayo yakoranwaga icyubahiro, ndetse n'iminsi mikuru yayo ikubahirizwa n'abantu bose muri rusange. Abapadiri n'abepisikopi barubahwaga kandi bagashyigikirwa mu buryo busesuye. Nta gihe cy'icyubahiro, ikuzo n'ububasha birenze ibyo cyigeze kibaho ku Itorero ry'i Roma.

Nyamara “amanywa y'ihangu ubupapa byari bugezemo yari ijoro ry'icuraburindi ku batuye isi.”[21]- Ibyanditswe Byera byasaga rwose n'ibitazwi atari muri rubanda gusa, ahubwo no mu bapadiri. Kimwe n'Abafarisayo bo mu gihe cya kera, abategetsi b'abapapa bangaga umucyo washyira ahagaragara ibyaha byabo. Bamaze gukuraho amategeko y'Imana, yo remezo ryo ry'ubutungane, bakoresheje ububasha bwabo nta garuriro bafite kandi bakora ibibi batagira ikibatangira. Ubujura, inyota yo kugira ubutunzi ndetse no kwishyira ukizana mu gukora ibibi byari byiganje ahantu hose. Ntabwo abantu batinyaga kugira ikibi icyo ari cyo cyose bakora cyabahesha ubutunzi n'umwanya w'icyubahiro. Ingoro z'abapapa n'abepisikopi zakorerwagamo ubusambanyi bw'indengakamere. Bamwe mu bepisikopi bayoboraga itorero bashinjwaga gukora amahano akomeye cyane ku buryo abategetsi batari abanyedini bihatiye kubakura kuri iyo myanya yabo y'icyubahiro bavuga ko ari abagome cyane barenze kwihanganirwa. Hashize ibinyejana byinshi Uburayi budatera imbere mu by'ubumenyi, ubugeni ndetse n'umuco n'ikoranabuhanga. Ubukristo bwari bwaragezweho no kugwa ikinya mu by'ubwenge n'imico mbonera.

Mu gihe cy'ubutegetsi bw'Abanyaroma, imibereho y'abatuye isi yerekanaga mu buryo butangaje kandi buteye ubwoba gusohora kw'ibyo umuhanuzi Hoseya yahanuye ngo: « Ubwoko bwanjye burimbuwe buzize kutagira ubwenge: ubwo uretse ubwenge, nanjye nzakureka,... ubwo wibagiwe amategeko y'Imana yawe, nanjye nzibagirwa abana bawe.” “Uwiteka afitanye imanza na bene igihugu, kuko kitarimo ukuri, cyangwa kugira neza, haba no kumenya Imana. Nta kindi gihari keretse kurahira bakica isezerano, no kwica no kwiba, no gusambana, bagira urugomo, kandi amaraso agasimbura andi maraso.» Hoseya 4:6,1,2. Izo ni zo zabaye ingaruka zo kwimura Ijambo ry'Imana.

21 *-J.A Wylie, The History of Protestantism,* b.1, ch. 4.

IGICE CYA 4

ABAWALIDENSE (ABAVODUWA)

Mu gihe cy'umwijima wari ubuditse ku isi ubwo ubupapa bwamaraga igihe kirekire butegeka isi, ntabwo umucyo w'ukuri wigeze uzima burundu. Mu bihe byose habagaho abantu bahamya Imana, bakomezaga kwizera ko Kristo ari wenyine uhuza Imana n'abantu, bakomezaga kugira Bibiliya umugenga w'imibereho yabo, kandi bakubahiriza Isabato nyakuri. Ntabwo abari kuzakurikiraho bari kuzigera bamenya ibyiza byinshi abatuye isi bakesha abo bantu. Abantu babitaga abahakanyi, barwanyaga imigambi yabo, baneguraga imyitwarire yabo, bazimanganyaga ibyo banditse, bakabisobanura uko bitari, cyangwa bakabikuramo iby'ingenzi. Nyamara bakomeje gushikama, maze uko ibihe bihaye ibindi bagumana kwizera kwabo kuzima, bakagufata nk'umurage utunganye uzigamiwe abo mu bisekuru bizakurikiraho.

Amateka y'abantu b'Imana yo mu gihe cy'umwijima cyamaze imyaka amagana menshi, ubwo Abanyaroma bari bafite ubutegetsi, yanditswe mu ijuru, nyamara mu nyandiko z'abantu wayasangaga ahantu hake cyane. Udusigisigi tw'amateka avuga iby'imibereho yabo, ni duke cyane, keretse urebeye mu birego by'ababatotezaga. Ubutegetsi bw'Abanyaroma bwari bufite umurongo bwagenderagamo wo gutsembaho igisigisigi cyose cy'umuntu witandukanyaga n'inyigisho zabwo cyangwa amategeko yabwo. Ubwo butegetsi bwashakishaga uko butsembaho ikintu cyose cyanyuranyaga n'amahame n'imyemerere yabwo, baba abantu cyangwa inyandiko. Gushidikanya cyangwa kwibaza ku bubasha bw'amahame yashyizweho n'abapapa byababaga bihagije gucisha umutwe ubihangaye yaba umukire cyangwa umukene, ukomeye cyangwa uworoheje. Roma kandi yihatiraga gusibanganya inyandiko zose zihishura ubugome yagiriraga abatavuga rumwe na yo. Inama zikoreshejwe na papa zategekaga ko ibitabo n'inyandiko byanditswemo iby'ubwo bugome zitwikwa. Icapiro ritarabaho hariho ibitabo bike kandi bikozwe mu buryo buruhije kubibika. Kubw'ibyo, ibintu byari kubera inkomyi Abanyaroma ngo batagera kuri uwo mugambi wabo byari bikeya.

Nta torero na rimwe ryari rihereyeye aho ubutegetsi bw'Abanyaroma bwageraga ryasigaye ritambuwe umudendezo wo kwishyira ukizana mu mitekerereze. Ubupapa bukigera ku butegetsi bwahise bukandamiza abantu bose bangaga kwemera ubuyobozi bwabwo, maze ayo matorero agenda yemera urusorongo kuyoboka ubutegetsi bwabwo.

Mu Bwongereza, Ubukristo bwo mu bihe bya mbere bwari bwarashinze imizi kera. Kubera iyo mpamvu, ubutumwa bwiza Abongereza bakiriye mu binyejana bya mbere ntabwo bwari bwangijwe n'inyigisho z'ubuyobe bw'Abanyaroma. Akarengane kakozwe n'abami b'abapagani kakagera no muri ibyo bice bya kure bikikije inyanja ni cyo kintu kimwe rukumbi amatorero ya mbere yo mu Bwongereza yahawe na Roma. Benshi mu bakristo bavagaga mu Bwongereza bahunze akarengane bahungiye muri Scotland; aho ni ho ukuri kwageze muri Ireland guturutse, kandi muri ibyo bihugu byose abantu bakwakiranye ibyishimo.

Igihe aba Saxons bigaruriraga Ubwongereza, igihugu cyategetswe n'ubupagani. Abo bafashe icyo gihugu basuzuguye guhabwa inyigisho n'abacakara babo bituma abakristo biyemeza guhungira mu misozi no mu bisambu. Nyamara nubwo uwo mucyo wamaze igihe uhishwe wakomeje kumurika. Mu kinyejana cyakurikiyeho, uwo mucyo wamuritse muri Scotland cyane ku buryo wasakaye no mu turere twa kure. Haje umunyabwuzu witwa Columba na bagenzi be baturutse muri Ireland begeranya abizera Kristo bari baratataniye ku kirwa cyari cyonyine cyitwa Iona, maze aho hantu bahagira ihuriro ry'umurimo w'ibwirizabutumwa. Umwe muri abo babwirizabutumwa yubahirizaga Isabato yemewe na Bibiliya, bityo abahatuye bigishwa uko kuri. Kuri icyo kirwa cya Iona hashinzwe ishuri ryasohokagamo ababwirizabutumwa batigishaga ubutumwa bwiza gusa muri Scotland no mu Bwongereza, ahubwo bajyaga kubwigisha no mu Budage, mu Busuwisi ndetse no mu Butariyani.

Nyamara Roma yari ihanze ijisho ku Bwongereza maze yiyemeza kubwigarurira ngo ibutegeke. Mu kinyejana cya gatandatu, abavugabutumwa b'Abanyaroma batangiye igikorwa cyo guhindura abakristo aba Saxons bari abapagani. Abanyaroma bakiriwe neza n'abo bavamahanga b'abirasi maze batera abantu ibihumbi byinshi kwemera imyizerere y'itorero gatolika ry'i Roma. Uko umurimo wabo wateraga imbere, abayobozi b'idini y'ubupapa n'abayoboke babo bagiranye amakimbirane n'abakristo bo mu gihe cya mbere. Izo mpande zombi zagaragaje guhabana gukomeye. Abakristo bari abantu boroheje, bicisha bugufi kandi imico yabo, inyigisho zabo, ndetse n'imigirire yabo byari bikurikije imyigishirize y'Ibyanditswe Byera; mu gihe imyitwarire y'abo bandi yagaragazaga imyizerere idafite ishingiro, kwiyerekana ndetse no kwishyira hejuru y'abandi.

Intumwa ya Roma yasabye ko ayo matorero y'abakristo yemera ubushobozi bw'ikirenga bwa Papa. Abongereza basubije bicishije bugufi ko umugambi wabo ari ugukunda abantu bose, ariko ko papa nta bushobozi bw'ikirenga afite mu Itorero, kubw'ibyo, icyubahiro bashobora kumuha kikaba ari igikwiriye umuyoboke wese wa Kristo. Bagerageje incuro nyinshi kwemeza abo bakristo kuyoboka papa ariko abo bakristo bicishaga bugufi, bamaze gutangazwa n'ubwirasi bw'intumwa ye, basubije bashikamye ko umuyobozi bemera ari Kristo wenyine.

Icyo gihe ni bwo imigambi nyayo y'ubupapa yagaragaye. Umuyobozi w'i Roma yarababwiye ati: "Nimutemera kwakira abavandimwe banyu babashakira amahoro, muzakira abanzi banyu babazaniye intambara. Nimutemera gufatanya natwe kwereka aba Saxons inzira y'imibereho, bazabazanira urupfu."[22]

Ntabwo iryo jambo ryari iryo gukinishwa. Mu kurwanya abo bahamya bo kwizera gukomoka muri Bibiliya hakoreshejwe intambara, uburyarya ndetse n'ibinyoma, kugeza ubwo amatorero yo mu Bwongereza asenywe bitaba ibyo agahatirwa kuyoboka ubutegetsi bwa Papa.

Mu bihugu bitategekwaga n'Abanyaroma, hashize ibinyejana byinshi hariho amatsinda y'abakristo batigeze bagerwaho n'inyigisho zipfuye z'ubupapa. Bari bakikijwe n'ubupagani, ndetse uko ibihe byahitaga bakagerwaho

22 J.H. Merle D'Aubigné, *History of the Reformation of the Sixteenth Century,b. 17, ch. 2.*

n'ingaruka z'amakosa yabwo. Nyamara bakomezaga gushikama kuri Bibiliya'bakayifata nk'umuyobozi wo kwizera kwabo kandi bagakurikiza kwinshi mu kuri kuyanditswemo. Abo bakristo bemeraga ko amategeko y'Imana adahinduka kandi ahoraho ndetse bagakomeza Isabato ivugwa mu itegeko rya kane. Amatorero yashikamye muri uko kwizera kandi yabonekaga muri Afurika yo hagati no mu baturage b'Abanyarumeniya bo muri Aziya.

Nyamara abitwa Abawalidense (Abavoduwa) ni bo bari ku isonga mu bantu bose banze kwemera kwishyira hejuru k'ubutegetsi bw'ubupapa. Mu gihugu ubupapa bwari bufitemo icyicaro, abantu baho barwanyije bashikamye ibinyoma byabwo ndetse no kwangiza kwabwo. Amatorero menshi yo muri Piedmont yamaze imyaka amagana menshi ari mu mudendezo, ariko igihe cyaje kugera Roma iyasaba kuyiyoboka ishyizeho umwete. Nyuma yo guhangana n'ubwo butegetsi bw'igitugu bikaba iby'ubusa, abayobozi b'ayo matorero bemeye ariko badashaka ububasha bw'ubwo butegetsi isi yose yasaga nk'aho yayobotse. Nyamara hari bamwe muri bo banze kuyoboka ubutegetsi bwa papa cyangwa abapadiri. Biyemeje kuba indahemuka ku Mana yabo no kurinda ubusugi bwabo no kwiyoroshya byo kwizera kwabo. Ubwo habayeho kwitandukanya. Bamwe bahoze bagendera mu kwizera kwa kera barakuretse; bamwe basize imisozi ya Alps yari kavukire kabo bajya kwamamaza ukuri mu bindi bihugu; abandi bagiye kwihisha mu bibaya no mu bitare byiherereye byo mu misozi maze bahakomereza umudendezo wabo wo kuramya Imana.

Ukwizera Abakristo b'Abawalidense bari bafite kandi bigishaga kwari guhabanye mu buryo bugaragara n'inyigisho z'ibinyoma Roma yigishaga. Imyemerere yabo mu by'iyobokamana yari ishingiye ku ijambo Imana yandikishije, ari ryo gahunda nyakuri yo kwemera kwa Gikristo. Nyamara abo bahinzi bicishaga bugufi, aho bari barihishe bitaruye ab'isi kandi babaga bomatanye n'imirimo yabo ya buri munsi yo kwita ku mikumbi yabo no guhingira imizabibu yabo, si bo bari barigejeje ku kumenya ukuri guhabanye n'amahame n'ubuyobe by'itorero ry'i Roma ryayobye. Ntabwo kwari ukwizera gushya bari bakiriye. Imyemerere yabo mu by'iyobokamana yari umurage barazwe n'ababyeyi babo. Barwaniriraga ukwizera abo mu itorero ry'intumwa. Bari bafite, "kwizera abera bahawe rimwe, bakageza iteka ryose." Yuda 3. Itorero ryo mu butayu, ritari iryarangwaga no kwibona ryabaga mu murwa mukuri w'isi icyo gihe, ni ryo ryari itorero nyakuri rya Kristo, ni ryo ryarindaga ubutunzi bw'ukuri Imana yabikije abantu bayo ngo babugeze ku batuye isi.

Imwe mu mpamvu z'ingenzi zari zaratumye itorero nyakuri ryitandukanya na Roma ni urwango Roma yagiriraga Isabato ivugwa muri Bibiliya. Nk'uko byari byarahanuwe, ubutegetsi bw'ubupapa bwasiribanze ukuri. Bwasuzuguye bikabije amategeko y'Imana maze bushyira hejuru imigenzo yahimbwe n'abantu. Amatorero yayoborwaga n'ubutegetsi bwa Papa yahatiwe hakiri kare kubahiriza umunsi wa mbere (Kucyumweru) nk'umunsi wera. Mu gihe ikinyoma no kugendera ku migenzo byari byarahawe intebe, benshi barimo n'abantu b'Imana by'ukuri bashyizwe mu rujijo bituma nubwo bubahirizaga Isabato bareka no kugira umurimo bakora ku cyumweru. Ntibategetse abantu kubahiriza umunsi wo Kucyumweru gusa, ahubwo banabasabye gutesha Isabato agaciro, kandi mu mvugo ikakaye bakarega abatinyukaga kuyubahiriza. Uburyo bumwe rukumbi abantu bari basigaranye bwo

gushobora kubaha amategeko y'Imana bwari mu guhunga ubutegetsi bw'i Roma.

Abawalidense bari mu moko ya mbere y'i Burayi yagize Inyandiko z'Ibyanditswe Byera zisobanuye mu ndimi zayo. Mu myaka amagana menshi yabanjirije ubugorozi bw'itorero bari bafite inyandiko ya Bibiliya yo mu rurimi rwabo kavukire yandikishijwe intoke. Bari bafite ukuri kutavanzemo ubuyobe na buke, maze ibyo bigatuma bangwa kandi bakarenganywa by'umwihariko. Bavuze ko itorero ry'i Roma ari ryo Babuloni yayobye ivugwa mu gitabo cy'Ibyahishuwe, maze bahangana n'ubuyobe bwayo bashikamye biyemeje guhara ubugingo bwabo. Nubwo kubera kotswa igitutu n'akarengane bamwe badohotse ku kwizera kandi buhoro buhoro bakareka amahame yako, abandi bagumye mu kuri. Mu gihe cy'umwijima n'ubuhakanyi byabaye mu myaka ibinyejana byinshi, habayeho Abawalidense bahakanye ubutegetsi bw'i Roma. Bamaganye gusenga ibishushanyo bavuga ko ibyo ari ukuramya ibigirwamana, kandi bubahirizaga Isabato nyakuri. Muri iyo miraba ikomeye yo kurenganywa, bashikamye ku kwizera kwabo. Nubwo babicishaga amacumu babashungera kandi bakabatwikira ku muriro w'imbago z'Abanyaroma, bashikamye ku gushyigikira Ijambo ry'Imana n'icyubahiro cyayo.

Mu misozi miremire, ari ho mu bihe byose abarenganywaga n'abatotezwaga bahungiraga, ni ho Abawalidense bihishe. Aho ni ho urumuri rw'ukuri rwakomereje kumurika mu mwijima wariho mu bihe bya kera. Aho ni ho, mu myaka ibihumbi byinshi, abo bahamyaga ukuri bakomereje kwizera barazwe n'abakurambere ba kera.

Imana yari yarateganyirije ubwoko bwayo ahantu ho kuyisengera hafite ubwiza butangaje cyane hari haberanye n'ukuri gukomeye yababikije. Kuri abo bizera b'indahemuka bari mu buhungiro, iyo misozi yashushanyaga ubutungane budahinduka bwa Yehova. Berekaga abana babo impinga z'imisozi zabaga zibatwikiriye zifite ubwiza butagira impinduka, maze bakabigisha Imana itajya ihinduka cyangwa ngo ishobore kuba yahinduka, Ijambo ryayo rikaba rihoraho nk'uko iyo misozi itimuka. Imana ni yo yashyize imisozi ku isi irayishimangira kandi iyiha gukomera. Nta cyashobora kuyikura mu myanya yayo usibye ukuboko kw'Imana ifite imbaraga zitagerwa. Uko ni ko yashyizeho amategeko yayo, akaba ari yo rufatiro rw'ubutegetsi bwayo mu ijuru no ku isi. Ukuboko k'umuntu gushobora kugira icyo gukora kuri bagenzi be ndetse kukabavutsa ubuzima; ariko uko kuboko gushobora no kuvana imisozi ku mfatiro zayo kukayiroha mu nyanja iyo gushoboye guhindura rimwe mu mategeko ya Yehova, cyangwa kugasiba rimwe mu masezerano Yehova yasezeraniye abakora ibyo ashaka. Abagaragu b'Imana bakwiriye gushikama mu kumvira amategeko yayo batajegajega nk'uko imisozi itajya iva mu myanya yayo.

Imisozi yari izengurutse ibyo bibaya bigufi yahoraga ibahamiriza ubushobozi bw'Imana bwo kurema, n'icyizere kidahungabana cy'uburinzi bwayo. Abo bagenzi bize gukunda ibimenyetso byabagaragarizaga bucece ko Imana iri kumwe nabo. Ntibigeze bivovotera ibirushya byababagezeho kuko batari bigunze muri iyo misozi barimo bonyine. Bashimiraga Imana ko yari yarabateguriye ahantu ho guhungira umujinya n'ubugome abantu babagiriraga. Banezezwaga n'umudendezo bari bafite wo kuyiramya. Kenshi iyo babaga bahigwa n'abanzi babo, gukomera kw'iyo misozi kwababeraga uburinzi bugaragara. Baririmbaga indirimbo zasingizaga Imana bari mu tununga tw'iyo misozi, kandi ingabo z'Abanyaroma ntizashoboraga gucecekesha

izo ndirimbo zabo zo gushima Imana.

Abo bayoboke ba Kristo bari bafite kwiyegurira Imana nyako, biyoroheje kandi bamaramaje. Babonaga ko amahame y'ukuri arusha agaciro amazu n'imirima, incuti, imiryango yabo, ndetse akarusha n'ubuzima bwabo. Bashakaga uko bacengeza ayo mahame mu bitekerezo by'urubyiruko. Kuva mu buto bwabo, abana bigishwaga Ibyanditswe Byera kandi bakigishwa gufata ibyo amategeko y'Imana asaba nk'ibitunganye. Bibiliya zari nke cyane; kubw'iyo mpamvu abantu bihatiraga gufata mu mutwe amagambo yayo. Abantu benshi bashoboraga kuvuga mu mutwe imigabane minini y'Isezerano rya Kera n'Irishya. Ibyo batekerezaga ku Mana babihuzaga n'ibyiza babonaga mu byaremwe ndetse n'imigisha yoroheje ya buri munsi. Abana bigaga gushimira Imana kuko ari yo itanga ibyiza byose n'ihumure ryose.

Kubera impuhwe n'urugwiro ababyeyi babaga bafite, bakundaga abana babo ku buryo batabemereraga kwirundumurira mu byo bararikira. Bari kuzanyura mu buzima bw'ibigeragezo kandi bugoye, ndetse byanashoboka bakicwa bahowe kwizera Imana kwabo. Guhera mu buto bwabo, abana batozwaga kwihanganira ibirushya no kubaha ubutegetsi, ariko bakagomba no kumenya kwifatira ibyemezo. Bigishwaga bakiri bato kumenya gufata inshingano, kwitonda mu byo bavuga no gusobanukirwa ubwenge buri mu guceceka. Ijambo rimwe rivuzwe rititondewe rikumvwa n'abanzi babo ntiryashoboraga gushyira mu kaga urivuze gusa, ahubwo ryashoboraga no kwicisha abavandimwe be amagana menshi; kuko abanzi b'ukuri bakurikiranaga abatinyukaga guharanira umudendezo mu byo kwizera nkuko amasega ahiga umuhigo wayo.

Abawalidense bari barasize imitungo yabo kubera gukunda ukuri, kandi biyuhaga akuya bashaka ibibatunga bafite kwihangana kudacogora. Buri murima babonaga muri iyo misozi bagasanga ushobora guhingwa bawitagaho bakawubyaza umusaruro. Mu bibaya ndetse n'ahakikije imisozi hatarumbukaga cyane barahatunganyije bituma umusaruro waho wiyongera. Gushakashaka ubukungu no kwitangira umurimo ni bimwe mu byari bigize uburere abana bahabwaga, bukaba ari bwo murage umwe rukumbi bahabwaga. Bigishwaga ko Imana ishaka ko ubuzima buba ishuri umuntu yigiramo kwitwara neza, kandi ko kwikorera ubwabo, guteganyiriza ahazaza, kugira amakenga no kwizera ari byo byonyine bizabashoboza kubona ibyo bakeneye.

Ubwo burere bwari ishuri ry'umuruho no kubabara ariko bwatumaga babaho neza, ibyo bikaba ari byo umuntu waguye mu cyaha akeneye. Ni ryo shuri Imana yamushyiriyeho kugira ngo rimwigishe kandi rimukuze. Nubwo urwo rubyiruko rwamenyerezwaga umuruho no gukora cyane, ntibirengagizaga no kubigisha iby'ubwenge. Babigishaga ko ubushobozi bwose bafite ari ubw'Imana kandi ko bwose bagomba kubwongera no kubuteza imbere ngo bukoreshwe umurimo wayo.

Amatorero y'Abawalidense, mu butungane no kwiyoroshya kwayo, yasaga n'itorero ryo mu gihe cy'intumwa. Ayo matorero yamaganaga ubutware bw'ikirenga bwa papa ndetse n'abepisikopi, akizera ko Bibiliya ari yo muyobozi umwe rukumbi w'ikirenga kandi utabasha kwibeshya. Mu buryo buhabanye n'uko abapadiri b'abanyagitugu b'i Roma babigenzaga, abayobozi b'ayo matorero bakurikizaga icyitegererezo cy'Umwigisha wabo utarazanywe no gukorerwa, ahubwo wazanywe

no gukorera abandi. Matayo 20:28 [Bibiliya Ijambo ry'Imana]. Abo bayobozi bagabuririraga umukumbi w'Imana mu bwatsi butoshye bakanawuhira amasoko afutse byo mu Ijambo ryayo riziranenge. Abo bantu bateranaga mu buryo butarimo kwiyerekana n'ubwirasi bya kimuntu. Ntibateraniraga mu nsengero zirimbishijwe cyane cyangwa muri za katederali nini cyane, ahubwo bateraniraga ahikinze izuba ho munsi y'imisozi, mu bibaya bya Alpine, cyangwa baba bari mu gihe cy'akaga bagateranira mu bihome byo mu rutare, bateranyijwe no kumva amagambo y'ukuri yavugwaga n'abagaragu ba Kristo.

Ntabwo icyo abo bayobozi bakoraga ari ukwigisha ubutumwa bwiza gusa, ahubwo banasuraga abarwayi, bigishaga abana, bakeburaga abari mu buyobe, kandi bihatiraga gukemura impaka abantu bagiranaga no kubumvikanisha no kubazanamo urukundo rwa kivandimwe. Mu bihe by'amahoro, abo bayobozi b'umukumbi w'Imana batungwaga n'amaturo rubanda rwatangaga ku bushake; nyamara, nk'uko Pawulo yari umuboshyi w'amahema, buri wese muri bo yigaga ubukorikori cyangwa umwuga runaka wamutunga biramutse bibaye ngombwa.

Urubyiruko rwigishwaga n'abayobozi babo. Nubwo bitaga ku masomo agendanye n'ubumenyi rusange, Bibiliya ni yo yari icyigwa nyamukuru. Bafataga mu mutwe ubutumwa bwiza bwanditswe na Matayo na Yohana ndetse na nyinshi mu nzandiko zo muri Bibiliya. Babakoreshaga mu kwandukura Ibyanditswe byera. Zimwe mu nyandiko zabo zandikishijwe intoki zabaga zigizwe na Bibiliya yose, izindi zigizwe n'imigabane yayo runaka banditse mu ncamake ku buryo ubusobanuro bumwe na bumwe bwayo bworoheje bwongerwagaho n'ababaga bashoboye gusobanura Ibyanditswe Byera mu buryo bwimbitse. Uko ni ko hashyizwe ahagaragara ubutunzi bw'ukuri kwari kwaramaze igihe kinini kwarapfukiranywe n'abashakaga kwishyira hejuru y'Imana.

Ibyanditswe byarandukuwe, umurongo ku murongo, igice ku gice, kubw'uwo murimo abo bantu bakoze badacogora. Rimwe na rimwe bawukoreraga mu buvumo burebure kandi bucuze umwijima cyane bakamurikirwa n'imuri z'ibi ti.

Uko ni ko umurimo wakomeje gukorwa maze ubushake bw'Imana bwahishuwe bugaragara bumeze nk'izahabu itunganye. Uko bwarushagaho kugaragara, uko bwarushagaho gusobanuka ndetse no kugira imbaraga bitewe n'ibigeragezo abantu banyuzemo ku bwabwo, bizwi gusa n'abari baritangiye gukora uwo murimo. Abamarayika bo mu ijuru babaga bari kumwe n'abo bakozi b'Imana b'indahemuka.

Satani yari yarateye abayobozi bakuru b'idini ry'i Roma gutaba ijambo ry'ukuri ry'Imana baritwikiriza ibinyoma, ubuyobe n'imyizerere itari ukuri; ariko ryarinzwe mu buryo butangaje ntiryigera rihinyuka mu bihe byose byaranzwe n'umwijima. Ntabwo ryari iry'umuntu, ahubwo ni iry'Imana ubwayo. Abantu ntibigeze bacogora mu muhati wabo wo kugoreka ubusobanuro butunganye kandi bwumvikana bw'Ibyanditswe Byera, ndetse no gutuma bivuguruzanya n'ubuhamya bwabyo. Nyamara Ijambo ry'Imana rinesha imiraba yose iryisukaho igendereye kuririmbura. Rimeze nk'ubwato bugenda hejuru y'umuvumba ukaze.

Nk'uko mu kirombe gicukurwamo amabuye y'agaciro hasi cyane haba hahishemo izahabu n'umuringa ku buryo abantu bose bashaka kugera ku butunzi bwabyo bagomba gucukura, ni ko n'Ibyanditswe Byera byuzuyemo ubukungu bubonwa gusa n'ababushakana umutima wose, bicishije bugufi kandi basenga. Imana yagennye ko Bibiliya iba igitabo cyuzuyemo inyigisho zigomba kwigwa mu gihe icyo ari cyo cyose, zigenewe abantu bose, mu gihe cy'ubuto, icy'ubusore n'icy'ubukuru. Imana yahaye abantu ijambo ryayo ari ukubihishurira ubwayo. Buri kuri gushya kumenyekanye aba ari uguhishurwa gushya kw'imico y'Uwaryandikishije. Kwiga Ibyanditswe Byera ni bwo buryo Imana yashyizeho kugira ngo buheshe abantu kugirana umushyirano wa hafi n'Umuremyi wabo kandi bubaheshe gusobanukirwa n'ubushake bwe. Ni bwo buryo umuntu n'Imana bavuganiramo.

Nubwo Abawalidense babonaga ko kubaha Uhoraho ari yo ntangiriro y'ubwenge, ntabwo birengagizaga akamaro guhura n'abandi bantu, kumenya uko abantu bateye n'uko babaho bifite mu kwagura intekerezo no gukarishya intekerezo n'ubwenge. Abasore bamwe bavaga muri ayo mashuri yabo yo mu misozi boherezwaga mu bigo by'amashuri byo mu mijyi y'Ubutaliyani n'Ubufaransa, aho bari kubonera uburyo bwo kwiga, gutekereza no kwitegereza bwagutse cyane kurenza ubwo baboneraga mu misozi ya kavukire yabo ya Alps. Abasore boherezwaga muri ubwo buryo bahuraga n'ibigeragezo, babonaga ibibi abantu bakora kandi bahuraga n'abakozi ba Satani bafite ubucakura bashakaga kubajyana mu buyobe bukomeye cyane no mu bishuko byababateza akaga gakomeye cyane. Ariko uburere babaga barahawe kuva mu buto bwabo bwari bugendereye kubategurira gutsinda ibyo bigeragezo byose.

Mu mashuri bajyagamo ntibagombaga kugira umuntu n'umwe biringira ngo ababere incuti y'inkoramutima. Imyambaro yabo yabaga idozwe mu buryo butuma bashobora guhisha ubutunzi bukomeye kurenza ubundi babaga bafite, ari bwo nyandiko zandikishijwe intoki z'agaciro gakomeye z'Ibyanditswe Byera. Izo nyandiko, zari umusaruro w'umurimo uvunanye cyane babaga barakoze mu gihe kirekire.

Barazigendanaga maze igihe cyose bibashobokeye bagaha imigabane imwe n'imwe yazo abo byagaragaraga ko bafite imitima ishaka kwakira ukuri. Guhera mu bwana bwabo, abo basore b'Abawalidense babaga baratojwe uwo murimo; bari basobanukiwe inshingano yabo kandi bayikoranaga umurava. Muri ibyo bigo by'amashuri habonetse abihana bakira uko kwizera nyakuri, ndetse byagaragaraga ko amahame yako akwira mu kigo cyose; nyamara abayobozi b'amashuri ya Papa, bakoresheje ubushakashatsi bwabo bwimbitse, bananiwe kumenya aho izo nyigisho bitaga ubuhakanyi zavaga.

Umutima wa Kristo ni umutima wo kuvuga ubutumwa. Ikintu cya mbere umutima wahindutse mushya ushaka gukora ni ukuzana abandi ku Mukiza. Uwo ni wo mutima Abakristo b'Abawalidense bari bafite. Biyumvagamo ko Imana ibashakaho ibirenze kugumana kwera kw'ukuri mu matorero yabo. Biyumvagamo ko bafite inshingano ikomeye yo kumurikira abakiri mu mwijima. Bashakaga gukura abantu mu bucakara Roma yabashyizemo bakoresheje imbaraga ikomeye y'Ijambo ry'Imana. Abigishaga Ijambo ry'Imana b'Abawalidense batozwaga nk'ababwirizabutumwa, bityo buri wese washakaga kujya mu murimo w'Imana yasabwaga kubanza kugira ubunararibonye bw'umubwirizabutumwa. Buri wese yagombaga kwigisha ubutumwa ahantu runaka mu gihe cy'imyaka itatu mbere yo guhabwa inshingano yo kuyobora itorero ry'iwabo. Ku ikubitiro, uwo murimo usaba kwiyanga n'ubwitange, wari uberanye no kubinjiza mu buzima bw'abapasitoro

muri ibyo bihe byari bikomereye abantu. Abasore barobanurirwaga guhabwa iyo nshingano yera ntibabagaga barangamiye kuzabona ubukungu n'icyubahiro byo ku isi, ahubwo babaga biteguye kunyura mu buzima buvunanye kandi burimo akaga, ndetse byashoboka bakaba bapfa urupfu rw'abicwa bahowe kwizera kwabo.

Abo bavugabutumwa bagendaga ari babiri babiri nk'uko Yesu yohereje intumwa ze. Buri musore yabaga ari kumwe n'umuntu mukuru kandi ufite ubunararibonye, uwo musore akaba yarayoborwaga n'uwo muntu ukuze ari na we wabaga afite inshingano yo kumumenyereza umurimo kandi inyigisho ye ikaba yaragombaga kumvirwa. Abo babaga bari kumwe mu itsinda ntibahoranaga buri munsi, ahubwo ibihe byinshi barahuraga bagasenga kandi bakajya inama, bityo bagakomezanya mu kwizera.

Iyo baza guhishura umugambi w'umurimo wabo byari gutuma uwo murimo uba imfabusa. Ku bw'ibyo, bahishaga uko uteye bigengesereye. Buri mwigisha yabaga azi ubukorikori n'umwuga runaka, maze abo babwirizabutumwa bagakora umurimo wabo biyoberanyije mu mirimo isanzwe. Akenshi bahitagamo gukora umurimo wo kugenda bagurisha ibicuruzwa. "Babaga bafite imyambaro, ibyo kwirimbisha bikoze mu mabuye y'agaciro n'ibindi bicuruzwa, muri icyo gihe ibyo bikaba bitari byoroshye kugurishwa keretse mu masoko ya kure gusa; kandi abantu babakiraga neza nk'abacuruzi mu gihe bari kubirukana babacunaguza iyo baramuka baje nk'abavugabutumwa." [23]

Bahozaga imitima yabo ku Mana kugira ngo ibahe ubwenge bubabashisha kugeza ku bantu ubutunzi bufite agaciro karuta aka zahabu n'andi mabuye y'agaciro. Bitwazaga mu rwihisho kopi za Bibiliya yose cyangwa iz'imigabane imwe yayo; maze uko babonye uburyo bagakundisha ababaguriraga ibicuruzwa izo nyandiko zayo zabaga zandikishije intoki. Kenshi ibyo byateraga abo bantu ubushake bwo gusoma Ijambo ry'Imana, maze ababaga bifuza kuryakira bakabasigira umugabane runaka waryo.

Umurimo w'abo babwirizabutumwa watangiriye mu bibaya n'ibisiza byari munsi y'imisozi bari baturiye, nyamara waragutse urenga izo mbibi. Abo bavugabutumwa bagendaga nta nkweto bambaye ndetse babaga bambaye imyenda iciriritse kandi yandujwe n'urugendo nk'uko iy'Umwigisha wabo yabaga imeze. Banyuraga mu mijyi minini kandi bakinjira mu turere twa kure. Ahantu hose bahabibaga imbuto y'agaciro gahebuje. Aho banyuraga hashingwaga amatorero, kandi amaraso y'abicwaga bahowe kwizera kwabo yahamyaga ukuri. Umunsi w'Imana uzahishura umubare w'abantu bakijijwe n'umurimo uvunanye wakozwe n'abo bantu b'indahemuka. Mu buryo buhishwe kandi butuje, Ijambo ry'Imana ryakwiraga ahantu hose harangwa ubukristo kandi rikakiranwa urugwiro mu ngo no mu mitima y'abantu.

Ku Bawalidense Ibyanditswe Byera ntibyari inyandiko ivuga ibyo Imana yakoreye abantu mu bihe byashize gusa, ndetse n'ihishurwa ry'inshingano n'ibyo abantu bagomba gukora ubu, ahubwo banabifataga nk'ihishurwa ry'imibabaro n'ubwiza by'ahazaza. Bizeraga ko begereje iherezo ry'ibintu byose, kandi uko bigaga Bibiliya basenga kandi babogoza amarira, imitima yabo yarushagaho gukorwaho

23 *Wylie, b.1, ch.7.*

n'amagambo afite agaciro gakomeye ayanditswemo ndetse n'inshingano yabo yo kumenyesha abandi ukuri gukiza kuyirimo. Babonaga inama y'agakiza ihishurwa mu buryo bugaragara neza mu Byanditswe Byera, maze kwizera Yesu bikabahumuriza, bikabaha ibyiringiro ndetse n'amahoro. Uko umucyo wamurikiraga ubwenge bwabo kandi ugatera imitima yabo ibyishimo, bifuzaga kugeza imirasire yawo ku bari mu mwijima w'ibinyoma by'ubupapa.

Babonaga ko abantu benshi cyane bayobowe na papa n'abapadiri barushywa n'ubusa baharanira kubona imbabazi binyuze mu kubabaza imibiri yabo bayihora ibyaha byabo. Kubera ko bari barigishijwe kwiringira imirimo yabo myiza kugira ngo bakizwe, bahoraga birebaho, bagahoza intekerezo zabo ku mibereho yabo y'ibyaha, bakabona ko barindijwe umujinya w'Imana, bakababaza ubugingo bwabo n'imibiri yabo, nyamara ntibabone ihumure. Uko ni ko abantu b'inziramakemwa bari baraboshywe n'inyigisho za Roma. Abantu ibihumbi byinshi basigaga incuti n'ab'imiryango yabo bakajya kwibera mu bigo by'abapadiri. Abantu ibihumbi byinshi barushwaga n'ubusa bashakira amahoro y'umutima mu kwiyiriza ubusa kenshi no kwikubita bakibabaza cyane, mu masengesho yo mu gicuku, mu kumara igihe kirekire bapfukamye ku mabuye akonje kandi atose yo mu mazu acuze umwijima babagamo, mu gukora ingendo ndende cyane, mu kwicuza ibyaha byabo bicishije bugufi no mu kwibabaza bikabije. Kubera kubuzwa amahwemo no kumva ari abanyabyaha ndetse no guhora bafite ubwoba bwo kugerwaho n'igihano cy'umujinya w'Imana, benshi muri bo bakomezaga kubabara batyo. Barababaraga kugeza ubwo bashiramo imbaraga maze bagapfa bagahambwa nta murasire w'umucyo cyangwa ibyiringiro babonye.

Abawalidense (Abavoduwa) bifuzaga cyane kumanyagurira umutsima w'ubugingo abo bantu bashonje, bakabamenyesha ubutumwa bw'amahoro buri mu masezerano y'Imana kandi bakabereka Kristo we byiringiro byabo rukumbi by'agakiza. Bari basobanukiwe neza ko inyigisho ivuga ko imirimo myiza ishobora guhesha imbabazi uwishe itegeko ry'Imana ishingiye ku kinyoma. Kwishingikiriza ku byo umuntu ashobora gukora bibuza umuntu kubona urukundo rwa Kristo rutagerwa. Yesu yarapfuye abera umuntu igitambo kubera ko ntacyo inyokomuntu yacumuye ishobora gukora cyatuma yemerwa n'Imana. Ibyo Umukiza wabambwe akazuka yakoze ni byo shingiro ryo kwizera kwa Gikristo. Kwishingikiriza kuri Kristo k'umuntu ni ngombwa kandi umuntu agomba kugirana isano na We mu buryo bomatanye nk'uko amaguru n'amaboko biba bifashe ku mubiri cyangwa nk'uko ishami riba ku muzabibu.

Inyigisho z'abapapa n'abapadiri zari zaratumye abantu biyumvisha ko imico y'Imana ndetse n'iya Kristo ari iy'umwaga, umwijima n'iterabwoba. Umukiza yatekerezwaga nk'utagirira impuhwe umuntu mu bunyacyaha bwe ku buryo hagomba kwitabazwa ubuhuza bukozwe n'abapadiri n'abatagatifu. Abari bafite ibitekerezo byari byaramurikiwe n'Ijambo ry'Imana, bifuzaga kwerekeza abantu kuri Yesu nk'Umukiza wabo w'umunyampuhwe, wuje urukundo kandi uramburiye amaboko ararika bose kumusanga bamuzaniye imitwaro yabo y'ibyaha, ibibarushya n'ibibaremereye. Bifuzaga gukura mu nzira inzitizi zose Satani yari yarashyizemo kugira ngo abantu batabona amasezerano y'Imana kandi badahita bayisanga, bakatura ibyaha byabo ngo bahabwe imbabazi n'amahoro.

Umuvugabutumwa w'Umuvoduwa yigishanyaga umwete n'ubwuzu abafite ubushake bwo kumenya ukuri guhebuje kw'ubutumwa bwiza. Yakoranaga ubushishozi n'ubwitonzi mu kwerekana imigabane imwe y'Ibyanditswe Byera. Yanezezwaga cyane no guha ibyiringiro umutima w'indakemwa, wihebeshejwe n'icyaha wabonaga ko umugambi w'Imana ari uguhora ndetse ko yiteguye guhana gusa. Akenshi uwo muvugabutumwa w'Umuvoduwa yarapfukamaga, akavugana intimba n'amarira maze akabwira abavandimwe be amasezerano meza cyane ahishura ibyiringiro bimwe rukumbi by'umunyabyaha. Uko ni ko umucyo w'ukuri wacengeye mu bantu benshi bari bari mu mwijima maze ugatamurura igihu cy'umubabaro barimo kugeza ubwo Izuba ryo gukiranuka rimurikiye mu mitima rifite gukiza mu mirasire yaryo. Kenshi byababaga ngombwa ko umugabane umwe wo mu Byanditswe usomwa ugasubirwamo, uteze amatwi yifuje kuwusubirirwamo kugira ngo amenye ko yabyumvise koko. By'umwihariko, bifuzaga cyane gusubirirwamo aya magambo ngo: *"Amaraso ya Yesu Umwana wayo atwezaho ibyaha byose."*[24] *'Kandi nk'uko Mose yamanitse inzoka mu butayu, ni ko umwana w'umuntu akwiriye kumanikwa; kugira ngo umwizera wese abone guhabwa ubugingo buhoraho,,*[25]

Abantu benshi bari baratahuye ubushukanyi bwa Roma. Bari barasobanukiwe ko byaba ari imfabusa ko umunyabyaha yasabirwa imbabazi n'abantu cyangwa Abamarayika. Ubwo umucyo nyakuri wageraga mu ntekerezo zabo, basabwaga n'ibyishimo bakavuga bati: "Kristo ni we mutambyi wanjye; amaraso ye ni yo gitambo cyanjye; urutambiro rwe ni rwo nicurizaho ibyaha byanjye." Bishingikirizaga byimazeyo ku byo Yesu yakoze, bagasubira muri aya magambo bati: "Ariko utizera ntibishoboka ko ayinezeza."[26] 'Kandi nta wundi agakiza kabonerwamo, kuko ari nta rindi zina munsi y'ijuru ryahawe abantu, dukwiriye gukirizwamo."[27]

Bamwe mu bafite imitima itentebutse ntibyaboroheye gusobanukirwa n'ubwishingizi bw'urukundo rw'Umukiza. Ariko guhumurizwa byazanaga kwari kwinshi. Umucyo mwinshi warabarasiye kugeza babaye nk'abageze mu ijuru. Ibiganza byabo byari bishikamye mu kiganza cya Kristo; kandi ibirenge byabo byari bishinzwe ku Rutare rw'iteka. Gutinya urupfu kose ntikwari kukibarangwamo. Bajyaga guhitamo gushyirwa mu nzu y'imbohe cyangwa gukubitwa ibiboko kubw'uko kugirirwa batyo byahesha icyubahiro izina ry'Umucunguzi wabo.

Uko ni ko Ijambo ry'Imana ryagezwaga ahantu hihishe kandi rimwe na rimwe rigasomerwa umuntu umwe, ubundi rigasomerwa itsinda ry'abantu babaga bifuza cyane kwakira umucyo n'ukuri. Kenshi bakeshaga ijoro baryiga. Gutangara kw'abababaga bateze amatwi kwabaga ari kwinshi ku buryo kenshi uwavugaga ubutumwa bw'ubuntu yahatirwaga kudahagarika gusoma kugeza ubwo abantu babashije gusobanukirwa ubutumwa bw'agakiza. Kenshi "habashaga kumvikana amagambo nk'aya ngo: 'Mbese Imana izemera ituro ryanjye?

24 1 Yohana 1 :7

25 Yohana 3 :14,15

26 Abaheburayo 11:6

27 Ibyakozwe n'Intumwa 4:12

Mbese Imana izamwenyurira? Mbese izambabarira?'" Hasomwaga igisubuizo ngo: "Mwese abarushye n'abaremerewe, nimuze, munsange, ndabaruhura."[28]

Ukwizera kwakiraga isezerano maze hakumvikana igisubizo kinejeje ngo: "Hehe no kongera gukora ingendo ndende; gukora ingendo njya ku tununga dutagatifu birashize. Nshobora gusanga Yesu uko ndi, ndi umunyabyaha kandi ntatunganye, kandi ntazasubiza inyuma isengesho ryo kwihana. 'Ibyaha byawe urabibabariwe.' "Ibyaha byanjye nabyo bishobora kubabarirwa!"

Ibyishimo byabashaga kuzura umutima kandi izina rya Yesu rikererezwa binyuze mu gusingiza no gushima. Abo bantu babaga banezerewe basubiraga mu ngo zabo bagiye gukwirakwiza umucyo, bagakora uko bashoboye kose kugira ngo babwire abandi iby'imibereho yabo mishya; bakababwira ko bamaze kubona Inzira nyakuri kandi nzima. Mu magambo Ibyanditswe Byera byabwiraga imitima y'abari basonzeye ukuri hari harimo imbaraga idasanzwe kandi ikomeye. Ryari jwi ry'Imana kandi ryateye abaryumvise kwemera.

Intumwa yamamazaga ukuri yakomeje urugendo rwayo; ariko kwicisha bugufi kwayo, kuvugisha ukuri, kumaramaza kwayo, ubwitange n'umurava byahoraga bizirikanwa. Ahenshi abategaga iyo ntumwa amatwi ntabwo bayibajije aho iturutse n'aho igana. Abantu bari barishimye cyane, ubwa mbere bafite gutangara nyuma gukurikirwa no gushima n'ibyishimo, ku buryo batigeze batekereza kwibaza iby'iyo ntumwa. Iyo bamurarikiraga kujyana nabo mu ngo zabo, yasubizaga ko agomba gusura intama zazimiye zo mu mukumbi. Ibyo byatumaga bibaza niba atari Umumarayika waturutse mu ijuru.

Igihe cyinshi ntibongeraga kubona iyo ntumwa yamamaza ukuri. Yabaga yagiye mu bindi bihugu, cyangwa se akaba ari mu kazu k'imbohe ahantu hatazwi, cyangwa ahari amagufa ye akaba yumira aho yari yaravugiye ukuri. Nyamara amagambo yabaga yarabasigiye ntiyashoboraga gukurwaho burundu. Yakomezaga gukora umurimo wayo mu mitima y'abantu kandi umusaruro mwiza wavagamo uzamenyekana mu buryo bwuzuye ku munsi w'urubanza gusa.

Abavugabutumwa b'Abawalidense (Abavoduwa) bigaruriraga ubwami bwa Satani bityo imbaraga z'umwijima zihagurukana ubukana bwinshi. Satani yitegerezaga umuhati wose wakoreshwaga mu guteza imbere ukuri maze akangura ubwoba bw'abakozi be. Abayobozi bakorera Papa babonye akaga kazaba ku murimo wabo gaturutse mu bikorwa by'abo bavugabutumwa bakorana ubwitonzi no kwicisha bugufi. Iyo umucyo w'ukuri uza kwemererwa kurasa nta nkomyi ushyizwe imbere, uba wareyuye ibicu by'ubuyobe byari bigose abantu. Washoboraga kwerekeza intekerezo z'abantu ku Mana yonyine kandi ugasenya isumbwe rya Roma.

Kubaho kw'aba bantu bari bagishikamye ku kwizera kw'Itorero rya mbere, byari igihamya kidahinduka kigaragaza ubuyobe bwa Roma kandi ku by'ibyo kwabyukije urwango rukomeye n'akarengane gakabije. Kwanga gutatira ibyanditswe kwabo nako kwabaye icyaha Roma itabasha kwihanganira. Roma yagambiriye kubakura mu isi. Hahise hatangira ubugizi bwa nabi bwo guhiga ubwoko bw'Imana mu ngo zabo zari mu misozi. Babakurikiranaga aho banyuze hose kandi akenshi hasubirwagamo ibyabaye kuri Abeli umuziranenge waguye imbere ya Kayini w'umwicanyi.

28 Matayo 11:28

Inshuro nyinshi imirima yabo yarumbukaga cyane yagirwaga imyirare, amazu yabo n'insengero bigasenywa ku buryo ahantu hose habaga imirima irumbuka n'ingo z'abantu b'inziramakemwa kandi b'abanyamurava hasigaye ari nk'ubutayu. Nk'uko inyamaswa irushaho kuba inkazi bitewe no kunywa amaraso, ni ko umujinya w'inkazi w'abayoboke ba Papa warushijeho kuba mwinshi bitewe n'imibabaro y'abo bicaga. Umubare munini w'abo bahamya b'ukwizera nyakuri wakurikiranywe mu misozi kandi bagahigwa mu bibaya aho bihishaga mu mashyamba y'inzitane no mu mpinga z'ibitare.

Nta kirego cy'imico mibi bashoboraga gushyira kuri iri tsinda ryari ryarahawe akato. Ndetse n'abanzi babo bemezaga rwose ko ari abanyamahoro, batuje kandi ko ari inyangamugayo. Icyaha cyabo gikomeye cyari uko batemeraga gusenga Imana mu buryo buhuje n'ubushake bwa Papa. Kubw'iki cyaha, bagezweho no gukozwa isoni kose, ibitutsi no kwicwa urw'agashinyaguro abantu cyangwa abadayimoni bashobora guhimba.

Ubwo igihe kimwe Roma yiyemezaga kurimbura iryo tsinda ryangwaga, Papa yasohoye itegeko ribaciraho iteka ko ari abahakanyi kandi bakwiriye kwicishwa inkota. Ntibarezwe ko ari abanebwe cyangwa abariganya cyangwa abateza umuvurungano; ahubwo byavugwaga ko ari abantu barangwaho ubwitonzi n'ubutungane byareshyaga "intama z'umukumbi nyakuri." Ni cyo cyatumye Papa atanga itegeko yuko niba batemera kwisubiraho "ako gatsiko k'indyarya kuzuye ubwibone kagomba kwicwa nk'inzoka z'ubusabwe."-Wylie, b.16, ch.I. Mbese uyu muyobozi w'ikirenga w'idini wirataga yarazirikanaga ko azabazwa iby'ayo magambo? Mbese yaba yari azi ko ayo magambo yanditswe mu bitabo byo mu ijuru kugira ngo azamubere umushinja ku munsi w'urubanza? Yesu yaravuze ati, *"Ndababwira ukuri yuko ubwo mwabikoreye umwe muri bene Data, aba boroheje bari hanyuma y'abandi, ari jye mwabikoreye. "*[29]

Iryo tegeko rya Papa ryararikiraga abayoboke b'itorero bose guhagurukira kurwanya abanyuranya nabo. Agahimbazamusyi kahabwaga abirunduriraga muri iki gikorwa cyo kuvusha amaraso kari uko, 'byaheshaga umuntu imbabazi ku gihano cyose cy'icyaha cyose gikorewe itorero cyaba ikiri rusange cyangwa icyihariye; abantu bose bajyaga muri uru rugamba rwo kuvusha byabakuragaho indahiro zose bari bararahiye, bikabahesha uburenganzira bwemewe n'amategeko ku mitungo bashoboraga kuba baragezeho mu buryo butemewe; kandi umuntu wese wabashaga kwica uwo ari we wese utaremeraga inyigisho z'ubupapa yasezeranirwaga imbabazi z'ibyaha bye byose. Iryo tegeko ryakuragaho amasezerano y'uburyo bwose umuntu yabaga yaragiranye n'Abavoduwa, rigategeka ababakoreraga mu ngo bose kubavaho, rikabuza abantu bose kugira ubufasha ubwo ari bwo bwose babaha kandi rigahesha uburenganzira abantu bose bwo kwigarurira imitungo y'Abavoduwa.' -Wylie, b.16. ch.I. Iryo tegeko rihishura mu buryo bugaragara umwuka wari wihishe inyuma y'ibyabaga. Ni ukuvuga kw'ikiyoka, ntabwo ari ijwi rya Kristo ryumvikana muri iyo nyandiko.

Ntabwo abayobozi bashyizweho n'ubupapa bashakaga ko imico yabo igendera ku mahame ntavuguruzwa y'amategeko y'Imana. Ahubwo bashyizeho urugero ruhuje

29 Matayo 25:40

n'ubushake bwabo bwite kandi biyemeza guhatira abantu bose kubikurikiza kubera ko ari ko Roma yabishakaga. Hakozwe ubugome buteye ubwoba bikabije. Abapadiri n'abapapa bangiritse kandi batukishaga Imana bakoraga umurimo Satani yabashinze. Nta mbabazi zabarangwagamo. Umwuka wabambishije Kristo kandi ukica intumwa, wa wundi wakoresheje Nero wagiraga inyota yo kuvusha amaraso akarwanya indahemuka ku Mana zo mu gihe cye, wari ku murimo kugira ngo utsembeho abo Imana yakundaga.

Akarengane kamaze imyaka ibinyejana byinshi kibasiye aba bantu bubahaga Imana, bakihanaganiye badatezuka kandi badakebakeba bubaha Umukiza wabo. Nubwo bari bugarijwe n'ibyo bitero byabahigaga ndetse no kwicwa bunyamaswa, bakomeje kohereza abavugabutumwa babo kugira ngo bajye kwamamaza ukuri kw'agaciro kenshi. Barahigwaga kugeza ubwo biciwe ariko amaraso yabo yavomereraga imbuto babaga babibye kandi ntiyaburaga kwera imbuto. Nguko uko Abavoduwa bahamije Imana mu binyejana byinshi mbere yo kuvuka kwa Luteri (Luther). Batatanirijwe mu turere twinshi, babibye imbuto z'ivugurura (ubugorozi) ryatangiye mu gihe cya Wycliffe, zikarushaho kwamamara no gushinga imizi mu gihe cya Luteri, kandi kugeza ku iherezo ry'ibihe, zigomba gukomeza kwamamazwa n'abemera kubabazwa kose "babahora Ijambo ry'Imana no guhamya kwa Yesu"[30]

IGICE CYA 5

YOHANA WIKILIFE (JOHN WYCLIFFE)

Mbere y'Ivugurura, hariho amakopi make cyane ya Bibiliya, ariko ntabwo Imana yari yaremeye ko Ijambo ryayo ritsembwaho burundu. Ntabwo ukuri kwaryo kwagombaga guhishwa by'iteka ryose. Imana yashoboraga no guca iminyururu yari iboshye amagambo y'ubugingo biyoroheye nk'uko yabashaga gukingura imiryango ya gereza kandi igafungura inzugi z'ibyuma kugira ngo ishyire abagaragu bayo mu mudendendezo. Mu bihugu bitandukanye by'i Burayi, abantu bakoreshejwe na Mwuka w'Imana bashakashaka ukuri nk'ushaka ubutunzi buhishwe. Barinzwe kandi bayobowe n'Imana ku Byanditswe Byera kandi impapuro zabyo baziganaga umuhati mwinshi. Bari biteguye kwakira umucyo batitaye ku byababaho ibyo ari byo byose. Nubwo batasobanukiwe neza n'ibintu byose, babashishijwe kubona ukuri kwari kumaze imyaka myinshi kwarahishwe. Nk'intumwa zoherejwe n'Ijuru, bagiye hirya no hino baca iminyururu y'ubuyobe n'ubupfumu bakararikira abantu bari baragizwe imbata igihe kirekire guhaguruka bakava mu buretwa bakajya mu mudendezo.

Usibye mu Bawalidense gusa, Ijambo ry'Imana ryari ryaramaze imyaka myinshi riri mu ndimi zari zizwi n'abize gusa gusa; ariko noneho igihe cyari kigeze kugira ngo Ibyanditswe byera bisobanurwe mu zindi ndimi kandi bihabwe

30 Ibyahishuwe 1:9b

abantu bo mu bihugu bitandukanye biri mu ndimi zabo za kavukire. Isi yari ivuye mu gihecy'umwijima w'icuraburindi yari irimo. Amasaha y'umwijima yari agiye kurangira, kandi mu bihugu byinshi byasaga n'aho habonetse ibimenyetso by'urukerera.

Mu kinyejana cya cumi na kane, mu Bwongereza harashe "inyenyeri yo mu rukerera y'Ubugorozi." Ntabwo Johana Wiklife yari integuza y'ubugorozi mu Bwongereza gusa, ahubwo n'ahandi hose harangwaga ubukristo. Kutemera inyigisho z'i Roma kwe gukomeye ntikwari guteze kwibagirana. Uko kurwanya izo nyigisho kwatangije urugamba rwagombaga gutuma habaho ukwishyira ukizana kw'abantu ku giti cyabo, amatorero ndetse n'ibihugu.

Wycliffe yari yarahawe uburere bwamuhesheje umudendezo; ku bwe gutinya Uwiteka ni byo shingiro ry'ubwenge. Mu mashuri yigagamo yarangwagaho imico iboneye n'impano zitangaje ndetse n'ubumenyi buhanitse. Mu mibereho ye yari ifitiye inyota ubumenyi, yashakaga kumenya ibyigwa by'uburyo bwose. Yigishijwe iby'ubucurabwenge, amategeko y'itorero n'iby'amategeko mbonezamubano y'igihugu cye by'umwihariko. Agaciro k'ibyo yize akiri muto kaje kugaragara mu byo yakoze nyuma. Kumenya neza iby'ubucurabwenge bwo mu gihe cye byamubashishije gushyira ahagaragara ubuyobe buburimo; kandi kuba yarize iby'amategeko y'igihugu n'ay'itorero byatumye yari yiteguye kujya mu rugamba rwo guharanira umudendezo w'abantu muri rusange no mu by'idini. Nubwo yari ashoboye gukoresha intwaro akuye mu Ijambo ry'Imana, yari afite ikinyabupfura yakuye mu mashuri kandi yari asobanukiwe no gukoresha amayeri nk'umuntu wize. Imbaraga z'ubuhanga bwe, ubwinshi n'uburemere by'ubwenge bwe byatumaga abanzi n'incuti ze bamwubaha. Abari baramuyobotse bumvaga banyuzwe n'uko ubarangaje imbere ari umwe mu bantu b'imena mu gihugu; kandi abanzi be ntibabashaga kubona aho bahera barwanya ubugorozi bashingiye ku bujiji cyangwa intege nke z'ukurangaje imbere.

Igihe Wycliffe yari akiri mu mashuri nibwo yatangiye kwiga Ibyanditswe. Muri ibyo bihe bya mbere ubwo Bibiliya yari yanditswe mu ndimi za kera gusa, abari barize ni bo babashaga kubona inzira ibageza ku isoko y'ukuri. Iyo nzira yari ifunzwe ku matsinda y'abari batarize. Bityo inzira yari yaramaze gutegurirwa Wycliffe mu murimo yari kuzakora nk'Umugorozi. Abantu bajijutse bari barize Ijambo ry'Imana kandi bari barabonye ukuri gukomeye k'ubuntu bw'Imana buhishurwa muri byo. Mu myigishirize yabo bari barakwirakwije uku kuri kandi bari barayoboye abandi ngo bagaruke ku nyigisho nzima.

Ubwo intekerezo za Wycliffe zerekeraga ku Byanditswe, yitangiye kubicukumburana umwete nk'uwo yari afite wari waramubashishije kumenya neza ibyo yigaga mu mashuri. Kugeza icyo gihe yari yarumvise hari icyo abura gikomeye adashobora kubona mu byo yize cyangwa ngo agikure mu nyigisho z'idini. Mu Ijambo ry'Imana yabonyemo icyo yari yarabuze mbere hose. Yasanze inama y'agakiza ihishurwa mu Byanditswe kandi na Kristo yerekanwa nk'umuvugizi umwe rukumbi w'umuntu. Yitangiye gukora umurimo wa Kristo kandi yiyemeza kwamamaza ukuri yari yaravumbuye.

Kimwe n'abagorozi bakurikiyeho, ku itangira ry'umurimo we, ntabwo Wycliffe yabonaga aho uzamugeza. Ntabwo yapfuye kwiyemeza kutavuga rumwe na Roma.

Ariko uko yari yariyeguriye ukuri nta kindi byajyaga gukora uretse kumutera guhangana n'ikinyoma. Uko yarushagaho kubona neza amakosa y'ubupapa ni ko yongeraga umurego mu kwigisha inyigisho ya Bibiliya. Yabonye ko Roma yari yarasimbuje Ijambo ry'Imana imigenzo y'abantu. Yavuze ashize amanga maze ashinja abapadiri kuba barabuzanyije Ibyanditswe Byera, kandi asaba ko Bibiliya yakongera guhabwa abantu ndetse ikongera guhabwa agaciro kayo mu itorero. Yari umwigisha ubishoboye kandi w'umunyamurava ndetse yari n'umubwiriza w'intyoza. Ikindi kandi, imibereho ye ya buri munsi yagaragazaga ukuri yabwirizaga. Ubumenyi bw'Ibyanditswe yari afite, imbaraga ze zo gutekereza, ubutungane bw'imibereho ye, umurava we udacogora n'ubunyangamugayo bwe byamuhesheje icyubahiro n'icyizere muri rubanda. Uko babonaga uburyo icyaha cyari cyarahawe intebe mu itorero ry'i Roma, abenshi muri rubanda bari barageze aho bumva bazinutswe imyizerere isanzwe, bityo bakirana ibyishimo bitavugwa ibitekerezo bizanywe na Wycliffe; nyamara abapadiri bari buzuye uburakari bukaze ubwo babonaga ko uyu Mugorozi ari kugira ijambo kubarusha.

Wycliffe yari umuhanga ubasha kuvumbura ikosa, kandi yarwanyije ibibi byakorwaga n'ubutegetsi bwa Roma ashize ubwoba. Mu gihe yari ashinzwe iby'iyobokomana i bwami, yarwanyije itegeko rya Papa ryasabaga umwami w'Ubwongereza guha Papa umusoro kandi yerekana ko ubutware ubupapa bwihaye ku batware b'isi bwari bunyuranyije n'umutimanama ndetse n'ibyo Imana ihishurira abantu. Ibyo Papa yasabaga byari byarateje abantu kuzinukwa ku buryo inyigisho za Wycliffe zahinduye ibitekerezo by'abategetsi bakuru mu gihugu. Umwami n'ibyegera bye baherako bafatanyiriza hamwe kwanga ubutware bwa papa kandi banga gutanga imisoro yasabaga. Ibyo byashegeshe ubutegetsi bwa Papa mu Bwongereza.

Ikindi kintu kibi Umugorozi Wycliffe yarwanyije igihe kirekire akoresheje imbaraga nyinshi ni ishyirwaho ry'ibigo by'abapadiri batagira umutungo wabo bwite ahubwo basabiriza. Abo basabirizi bari benshi mu Bwongereza, kandi bacaga intege ugukomera no gukungahara by'igihugu. Inganda, uburezi n'umuco mbonera byose byagezweho n'ingaruka zabyo. Imibereho y'abapadiri yo kutagira icyo bakora no gusabiriza ntabwo yamungaga umutungo wa rubanda gusa ahubwo yanateye urubyiruko rushoboye gukora kuba imburamumaro. Urubyiruko rwari rwarataye umuco. Bitewe n'abo bapadiri; benshi mu rubyiruko bashowe mu kujya kuba mu bigo by'abapadiri kandi bakegurira imibereho yabo kuba muri ibyo bigo. Ibyo ntibyakorwaga ababyeyi babo batabemereye gusa ahubwo ntibababaga banabizi ndetse byababaga binanyuranyije n'amabwiriza babahaye. Ubwo umwe mu bapadiri ba mbere b'itorero ry'i Roma yafataga amabwiriza y'ibigo byabo akayarutisha urukundo rw'imiryango yabo n'ibyo ibasaba, yabwiye ababizamo ati, "Nubwo so ukubyara yaryama ku muryango wawe abogoza amarira kandi aganya, ndetse na nyoko akambika ubusa inda yagutwise n'amabere yakonkeje, uzabatambuke maze ukomeze usange Kristo." Kubw'iyi "mvugo ya kinyamaswa" nk'uko Luteri yaje kuyita nyuma, 'yagaragazaga imico nk'iy'ikirura n'umunyagitugu w'umubisha kuruta uko yaba iy'umukristo ndetse n'umuntu', imitima y'abana yaranangirwaga ikagomera ababyeyi babo.[31] Nk'uko Abafarisayo bo mu gihe cya kera babigenje, uko ni ko

31 Barnas Sears, *"The Life of Luther,* pp 70, 69".

abayobozi b'ubupapa bahinduye ubusa amategeko y'Imana bakayasimbuza imigenzo yabo. Uko ni ko imiryango yasigayemo ubusa maze ababyeyi bamburwa abahungu n'abakobwa babo.

N'abanyeshuri bo muri za kaminuza bashukwaga n'ibitekerezo bibi by'abapadiri kandi bakagwa mu mutego wo kwemera ibyo babategekaga. Byaratindaga benshi muri bo bakagera ubwo bicuza iyo ntambwe bateye, bamaze kubona ko ibyo barimo byangije ubuzima bwabo kandi bikaba byarababaje ababyeyi babo. Nyamara uwabaga yaramaze gufatwa mu mutego, ntibyashobokaga ko bawuvamo ngo basubire mu mudendezo. Kubwo gutinya ibikorwa by'abo bapadiri, ababyeyi benshi banze kohereza abana babo ngo bajye kwiga muri za kaminuza. Habayeho kugabanyuka gukomeye k'umubare w'abanyeshuri bajyaga mu bigo by'amashuri bikomeye. Amashuri yabuze abayigamo maze ubujiji buba gikwira.

Papa yari yarahaye abo bapadiri ubushobozi bwo kwakira abantu bicuza ibyaha no kubaha imbabazi. Ibyo byabaye isoko y'ibibi bikomeye. Kubera kurangamira kugwiza indamu zabo, bahoraga biteguye gutanga imbabazi z'ibyaha ku buryo abicanyi b'uburyo bwose babasangaga, bityo ingaruka yaje kuba iy'uko ubugizi bwa nabi bukabije bwiyongereye vuba vuba. Abakene n'abarwayi bari barabaye intabwa mu gihe impano zari zikwiriye gukemura ubukene bwabo zashyirwaga abapadiri bakaga abantu ibyo kubafasha babakangisha, ko abatazazitanga batazafatwa nk'abantu batunganye. Nubwo bavugaga ko ari abakene, ubukungu bw'abo bapadiri bwarushagaho kugwira kandi inyubako zabo z'ibitangarirwa, n'ibyokurya bya gikungu ku meza yabo byarushagaho guhamya ubukene bwiyongera mu gihugu. Nyamara nubwo bamaraga igihe biberaho gikungu kandi bishimisha, batumaga abantu b'injiji bashobora guca imigani itangaje, no kuvuga ibitekerezo by'ibihimbano n'inzenya kugira ngo basetse abantu, bityo barusheho gukomeza kuba abayoboke babo. Abo bapadiri babaga mu bigo bakomeje kwigarurira imbaga y'abantu bizeraga ubupfumu maze babatera kwizera ko inshingano yose mu myizerere ikubiyemo kwemera ubutware bwa Papa, gusenga abatagatifu no guha impano abapadiri kandi ko ibyo bihagije kugira ngo bibaheshe rwose umwanya mu ijuru.

Abantu b'abanyabwenge kandi b'inyangamugayo bari baragerageje kuzana impinduka mu mikorere y'ibyo bigo by'abapadiri nyamara biba iby'ubusa. Ariko Wycliffe, mu mirebere ye yuzuye gusobanukirwa neza, yarwanyije ikibi ahereye mu mizi, avuga yeruye ko iyo gahunda y'ibyo bigo ubwayo itari ukuri kandi ko ikwiriye kuvaho.

Ibyo byateje impaka n'ibibazo. Uko abapadiri bagendaga mu gihugu bagurisha impapuro zatanzwe na Papa zihesha imbabazi z'ibyaha, abantu benshi bageze ubwo bashidikanya uburyo bukoreshwa bwo kugura imbabazi amafaranga, maze bibaza niba batabasha gusaba imbabazi Imana aho kuzishaka ku mutware w'ikirenga w'i Roma. Ntabwo ari abantu bake batangazwaga n'ubwambuzi bw'abo bapadiri babaga mu bigo bari bafite umururumba utarigeraga ushira. Abantu baravugaga bati, "Abihayimana bikingirana mu bigo hamwe n'abapadiri bashyizweho na Roma bari kutumunga nka kanseri. Imana ikwiye kuturokora nibitaba ibyo abantu bazarimbuka."[32]

32 *D'Aubigné , ch. 7*

Mu rwego rwo guhisha umururumba wabo, abo bapadiri basabirizaga bahamyaga ko bakurikiza urugero rw'Umukiza, bakavuga ko Yesu n'intumwa ze babeshwagaho n'impano bahawe n'abantu. Urwo rwitwazo rwateje akaga mu murimo wabo kuko byatumye abantu benshi bajya gusoma Bibiliya kugira ngo bimenyere ukuri. Iyo yabaye ingaruka ikomeye Roma itifuzaga na gato. Intekerezo z'abantu zerekejwe ku Isoko y'ukuri Roma yari yaragambiriye guhisha.

Wycliffe yatangiye kwandika no gukwirakwiza inyandiko zivuguruza abapadiri, nyamara ntiyifuzaga cyane ku kujya impaka nabo, ahubwo yari ashishikajwe no kwerekeza intekerezo z'abantu ku byo Bibiliya yigisha no ku Uwayandikishije. Yavuze ko uretse n'abapadiri basanzwe na Papa ubwe adafite ubushobozi bwo kubabarira ibyaha cyangwa ubwo guca umuntu mu itorero kereka uwo muntu ubwe abanje kwizanira gucibwaho iteka n'Imana. Nta bundi buryo bwiza yajyaga gukoresha asenya gahunda iremereye ityo y'ubuyobozi bw'iby'umwuka yashyizweho na Papa kandi yari yaragize imbohe miliyoni nyinshi z'abantu.

Wycliffe yongeye guhamagarirwa kurengera uburenganzira bw'ubwami bw'Ubwongereza imbere yo kubuvogera kwa Roma. Amaze kugirwa uhagarariye (ambasaderi) umwami, Wycliffe yamaze imyaka ibiri mu Buholandi agirana ibiganiro n'intumwa za Papa. Muri ibyo biganiro yabashije kuvugana n'abayobozi b'idini bavuye mu Bufaransa, Ubutaliyani, na Esipanye, kandi agira umwanya wo kubona ibyari byihishe inyuma y'ibyakorwaga no kumenya ibintu byinshi atari kuzasobanukirwa ari mu Bwongereza. Aho yahigiye ibintu byinshi by'ingenzi byagombaga kumufasha cyane mu mirimo ye yajyaga kuzakurikiraho. Izo ntumwa zari zoherejwe na Papa, Wycliffe yazibonyemo imico nyakuri ndetse n'intego by'inzego zitandukanye mu buyobozi bw'idini. Yagarutse mu Bwongereza gukomeza inyigisho yigishaga mbere abikora yeruye afite n'umwete mwinshi, akavuga ko umururumba, ubwibone n'uburyarya ari byo Roma yagize imana zayo.

Imwe mu nyandiko ze, ubwo Wycliffe yavugaga ku bya Papa n'abasoresha yashyizeho, yaravuze ati: " Bavoma ibyajyaga kubeshaho abakene bo mu gihugu cyacu, ndetse n'ibihumbi byinshi bya zahabu n'ifeza baka mu butunzi bw'umwami buri mwaka bigakoreshwa mu masakaramentu n'ibindi bintu by'umwuka, kandi ari ubuyobe bukabije bwo kugura no kugurisha iby'umwuka byatumye Abakristo bose babyemera bakanashikama muri byo. Yarakomeje ati, 'Kandi nubwo ubutegetsi bwacu bufite umusozi munini w'izahabu utagira undi uwukoraho uretse bariya basoresha bakorera umwepisikopi w'umwibone watwawe n'iby'isi; uko igihe kizagenda gihita, uyu musozi uzashiraho kuko akomeza kuvunguraho atwara amafaranga y'igihugu cyacu ntacyo yinjizamo kitari umuvumo w'Imana gusa binyuze mu kugura no kugurisha iby'umwuka."[33]

Ubwo hari hashize igihe gito Wycliffe agarutse mu Bwongereza, umwami yamushinze kuba umuyobozi mukuru wa Lutterworth. Ibi byari igihamya cy'uko umwami yanejejwe n'ibyo Wycliffe yavugaga yeruye. Impinduka Wycliffe yateje zagaragaye mu gutunganya imikorere ibwami ndetse no kugorora imyizerere y'igihugu cyose.

Inkuba ziturutse kwa Papa zahise zimwibasira. Inzandiko eshatu za Papa

33 John Lewis, *History of the Life and Suffering of J.Wiyliffe*, p.37

zoherejwe mu Bwongereza: rumwe rwoherezwa kuri kaminuza, urundi ku mwami, naho urundi rwoherererezwa abayobozi bakuru b'idini. Izo nzandiko zose zategekaga ko hafatwa ibyemezo byihutiwe kandi bidakebakeba byo gucecekesha uwo muntu wigisha ubuyobe.“ [34]

Ariko mbere y'uko izo nzandiko ziza, abepisikopi bari bihutiye gufata icyemezo ubwabo cyo guhamagaza Wycliffe ngo bamucire urubanza. Nyamara babiri mu bikomangoma bikomeye by'ibwami bamuherekeje mu rukiko ndetse n'abaturage bari bazengurutse inyubako bisuka mu cyumba baciramo imanza bityo abacamanza bagira ubwoba ku buryo urubanza rwahagaritswe maze Wycliffe abasha gusohoka agenda amahoro.

Bitinze gato, Eduwaridi wa III (Edouard III), uwo abepesikopi bashakaga gukoresha ngo arwanye umugorozi Wycliffe, ariko akaza gupfa azize ubusaza, asimburwa n'umuntu wari ushyigikiye Wycliffe, aba umusigire ku ngoma.

Nubwo byari bimeze bityo, kuza kw'inzandiko za Papa kwashimangiraga itegeko Ubwongereza bugomba kubahiriza ryo gufata no gufunga uwanyuranyaga n'inyigisho za Papa. Izo ngamba zerekezaga ku gihano cyo kubohera umuntu ku mbago agatwikwa. Byagaragaye neza ko bidatinze Wycliffe agiye guhinduka umuhigo wa Roma ikamwihimuraho. Nyamara uwari warigeze kubwira umukurambere Aburamu ati: "Witinya, ni jye ngabo igukingira" (Itangiriro 15:1) yongeye gukinga ukuboko maze arinda umugaragu we. Ntabwo urupfu rwatwaye umugorozi Wycliffe ahubwo rwahitanye umwepisikopi wari waciye iteka ryo kwicisha umugorozi. Geregori wa XI yarapfuye maze abayobozi bakuru b'idini bari bateranyijwe no gucira urubanza Wycliffe baratatana.

Uburinzi bw'Imana bwakomeje kuyobora ibyabaga kugira ngo haboneke amahirwe y'uko umurimo w'ubugorozi wakomeza gukura. Urupfu rwa Geregori wa XI rwakurikiwe n'itorwa ry'aba Papa babiri batumvikanaga. Abategetsi babiri bahanganye kandi buri wese avuga ko ari nyirubutungane basabaga kubahwa. Buri wese yahamagariye abakristo kumufasha kurwanya undi, ashyigikiza itegeko rye gucibwa kw'abataryubahiriza bose kandi asezeranira abamwumvira ibihembo mu ijuru. Ayo makimbirane yaciye cyane intege imbaraga z'ubupapa. Abo bari bahanganye bakoraga ibyo bashoboye byose kugira ngo bagabaneho ibitero maze bituma Wycliffe agira agahenge mu gihe runaka. Imivumo no gushinjanya ubuyobe byari urujya n'uruza hagati y'abo bapapa bombi, kandi imivu y'amaraso yaramenekaga kugira ngo buri wese ashyigikire ibitekerezo bye. Ubwicanyi n'ibyaha bikomeye byuzuye mu itorero. Muri icyo gihe cy'impaka hagati y'abo bapapa bombi, Wycliffe yari yibereye aho yari aruhukiye mu itorero rye i Lutterworth ari gukora ubudacogora kugira ngo akure amaso y'abantu kuri abo bapapa bari bahanganye maze ayerekeze kuri Yesu, Umwami w'amahoro.

Amacakubiri mu itorero, intambara n'ibibi yateje, byateguriye ubugorozi inzira bibashisha abantu gusobanukirwa neza uko ubupapa buteye. Mu rwandiko yanditse rwari rufite umutwe uvuga ngo, 'Ku Macakubiri y'Ababapa' Wycliffe yararikiye abantu kugenzura niba abo bepisikopi bombi bataravugaga ukuri ubwo buri wese yashinjaga undi kuba antikristo. Wycliffe yaravuze ati, "Ntabwo Imana yemeye ko

34 Augustus Neander, General *History of the Christian Religion and Church, period 6, sec.2, pt.I, par.8*

umudayimoni atera umupapa umwe gusa, ahubwo habaye amacakubiri hagati yabo bombi kugira ngo abantu babashe kubatsinda bombi mu buryo bworoshye mu izina rya Yesu." [35]

Mu kugera ikirenge mu cy'Umukiza we, Wycliffe yabwirije abakene ubutumwa bwiza. Ntabwo yanejejwe no gusakaza umucyo mu ngo z'abakene bo muri paruwasi ye ya Lutterworth gusa, ahubwo yiyemeje ko wagezwa mu bice byose by'igihugu cy'Ubwongereza. Kugira ngo agere ku ntego, yateguye itsinda ry'ababwiriza bari abantu boroheje kandi bitanze bakundaga ukuri ntibagire ikindi bifuza uretse ku kwamamaza. Abo bantu bagiye hirya no hino, bakigishiriza mu masoko, mu nzira zo mu mijyi minini ndetse no mu mihora yo mu cyaro. Bashakishaga abantu bakuze, abarwayi ndetse n'abakene maze bakababwira inkuru nziza y'ubuntu bw'Imana.

Nk'umwigisha w'iby'iyobokamana ahitwa Oxford, Wycliffe yabwirizaga Ijambo ry'Imana mu byumba binini byo muri kaminuza. Bitewe n'ubuhanga bwe, yigishaga abanyeshuri ukuri ntacyo abahisha ku buryo yahawe intera yo kwitwa "umuhanga w'ikirenga mu butumwa bwiza." Nyamara umurimo uhebuje iyindi Wycliffe yakoze mu buzima bwe wabaye uwo gusobanura Bibiliya mu rurimi rw'Icyongereza. Mu gitabo yanditse yise: "Ukuri n'Ubusobanuro bw'Ibyanditswe", yagaragajemo umugambi we wo gusobanura Bibiliya, kugira ngo umuturage wese wo mu Bwongereza abashe kwisomera mu rurimi rwe kavukire ibitangaza Imana yakoze.

Mu buryo butunguranye, umurimo we waje guhagarikwa. Nubwo yari ataramara imyaka mirongo itandatu y'ubukuru, gukora ubudatuza, kwiga no guhohoterwa n'abanzi be byari byaragabanyije imbaraga ze maze bituma asaza imburagihe. Yafashwe n'indwara ikomeye cyane. Iyo nkuru yanejeje abanzi be. Bibwiraga ko bizatuma yicuza ibibi yakoreye itorero, bityo bihutira kumusanga mu cyumba yari arwariyemo kugira ngo bumve amagambo ye yo kwicuza. Abahagarariye ibigo bine by'idini hamwe n'abayobozi bane mu butegetsi bwa leta baraje bakikiza uwo bibwiraga ko agiye gushiramo umwuka. Baramubwiye bati: "Dore ugiye gupfa, emera amakosa yawe maze wicurize imbere yacu ibyo wavuze byose uduharabika." Umugorozi Wycliffe yateze amatwi acecetse; maze asaba umurwaza we kumwegura aho mu gitanda cye. Yahanze amaso ye abo bari bamukikije bahagaze bategereje kumva ijambo ryo kwicuza kwe. Yavuganye ijwi rikomeye ririmo imbaraga ryari ryaragiye kenshi rituma abo bapadiri bahinda umushyitsi ati: "Sindi bupfe, ahubwo nzarama; kandi nzongera mvuge ibikorwa bibi by'abapadiri." [36] Abo bapadiri baguye mu kantu kandi babura icyo bakora maze bahita basohoka muri icyo cyumba.

Amagambo ya Wycliffe yarasohoye. Yakomeje kubaho kugira ngo ashyikirize abaturage b'igihugu cye intwaro isumba izindi yo kurwanisha Roma ari yo Bibiliya; intwaro yatanzwe n'ijuru kugira ngo ibature abantu, ibamurikire kandi ibigishe ubutumwa bwiza. Mu gukora uwo murimo habayeho imbogamizi nyinshi kandi zikomeye zagombaga gutambukwa. Wycliffe yari arembejwe n'uburwayi bwe; yari azi ko ashigaje imyaka mike cyane yo gukora; yabonaga kurwanywa agomba

35 R. Vaughan, *Life and Opinions of John de Wycliffe, vol.2, p.6*
36 D'Aubigné, b.17,ch.7.

kuzahangana nako, ariko yatewe ubutwari n'amasezerano yo mu Ijambo ry'Imana. Yakomeje kujya mbere nta kimutera ubwoba. Mu mbaraga z'ubwenge bwe, akaba n'inararibonye, yari yararinzwe kandi ategurwa n'Imana ngo azakore uwo murimo, ari na wo waruse iyindi yose yakoze. Mu gihe abakristo barenganaga, Wycliffe yari mu buyobozi i Lutterworth; ntiyita ku kaga kaberaga hanze maze ashishikarira gukora umurimo yitoranyirije.

Amaherezo, uwo murimo waje kurangira maze Bibiliya ya mbere isobanuwe mu Cyongereza iba irabonetse. Ijambo ry'Imana ryari rifunguriwe igihugu cy'Ubwongereza. Ubu noneho Umugorozi ntiyatinyaga kuba yashyirwa muri gereza cyangwa kuzirikwa ku mambo agatwikwa. Yari amaze gushyikiriza abaturage bo mu Bwongereza umucyo utazigera uzima. Icyo gikorwa cyo kubagezaho Bibiliya cyari intambwe yindi ikomeye yo guca iminyururu y'ubujiji n'ingeso mbi, kubohora no guteza imbere igihugu cye mu buryo butigeze bugerwaho n'insinzi zikomeye bagiye bageraho ku rugamba.

Ubuhanga bwo gucapa inyandiko nyinshi mu buryo bwihuse bwari butaraduka, umurimo wo gukora amakopi menshi ya Bibiliya wari uruhije kandi ukorwa buhoro cyane. Byari iby' agaciro gakomeye cyane gutunga Bibiliya ku buryo abantu benshi babyifuzaga bagiye mu murimo wo kuyandukura, nyamara byari bikomereye abanditsi kubona amakopi ahagije abayikeneye bose. Bamwe mu baguzi b'abakire bifuzaga kubona Bibiliya yose. Abandi baguraga ibice byayo bimwe. Akenshi, imiryango myinshi yishyiraga hamwe kugira ngo ishobore kwigurira Bibiliya. Uko niko Bibiliya yasobanuwe na Wycliffe yinjiye mu ngo z'abantu.

Kuvugururwa mu bitekerezo byakuye abantu mu kumvira inyigisho za Papa nyacyo bazivuzeho. Kuva ubwo Wycliffe yigishije inyigisho zihariye za giporotesitanti ari zo: agakiza kaboneka kubwo kwizera Kristo ndetse no kutibeshya kw'Ibyanditswe byera. Ababwiriza Wycliffe yari yarohereje bakwirakwije Bibiliya n'inyandiko ze kandi uwo murimo wageze ku ntego ku buryo ukwizera gushya kwakiwe na hafi kimwe cya kabiri cy'abaturage b'Ubwongereza.

Kuboneka kwa Bibiliya kwateye ubwoba abayobozi bakuru b'idini. Ubwo noneho babonaga ko bagiye kurwana n'igikoresho kirusha Wycliffe imbaraga kandi ko intwaro bafite zidashobora kugihangara. Muri ibyo bihe, mu Bwongereza nta tegeko ryari rihari ryabuzanyaga gutunga Bibiliya kuko itari yakandikwa mu rurimi abaturage bavugaga. Amategeko nk'ayo yaje gushyirwaho nyuma kandi yubahirizwa nta gukebakeba. Muri icyo gihe, nubwo abepisikopi bakoranaga umuhati, habayeho igihe cy'uko ijambo ry'Imana rikwirakwizwa.

Abayobozi bakuru bashyizweho na papa bongeye gucura umugambi wo gucecekesha umugorozi. Yatumiwe incuro eshatu zikurikirana kugira ngo acirwe urubanza nyamara ntibyagira icyo bitanga. Ubwa mbere, inama y'abepisikopi yahamije ko inyandiko ze ari iz'ubuyobe kandi abo bepesikopi babashije gutuma umwami Richard wa II wari ukiri muto ajya ku ruhande rwabo, maze abashyiriraho iteka ry'umwami ryavugaga ko umuntu wese uzahangara kwigisha inyigisho zaciwe akwiriye gufungwa.

Wycliffe yajuririye Inteko nshinga-mategeko; arega akomeje inzego z'ubuyobozi bwa Papa mu nama y'igihugu, asaba ko hakwiriye kubaho ivugurura no gukosora amakosa akomeye itorero rikora. Yavuganye ubushizi bw'amanga maze asobanura

ibyubahiro bidakwiye ndetse n'imyitwarire ibangamye y'ubupapa. Abamurwanyaga baguye mu rujijo. Incuti ze n'abari bamushyigikiye bari barahatiwe kumuvaho, bityo bari biteze ko Wycliffe ku giti cye, mu buzasa bwe nta ncuti afite, ari bwumvire ubutware bw'umwami n'ubw'abayobozi b'idini. Nyamara aho kugira ngo bibe bityo, intumwa za papa ni zo zatsinzwe. Inteko nshinga-mategeko imaze kunyurwa n'ubusobanuro bwa Wycliffe, yakuyeho iteka ryo gupfa Wycliffe yari yaciriwe maze yongera kubona umudendezo.

Yongeye gutumirwa incuro ya gatatu mu rukiko rukuru rw'idini mu bwami bw'Ubwongereza. Muri uru rukiko nta mpuhwe zajyaga kugirirwa inyigisho bitaga iz'ubuyobe. Abashyigikiye papa batekerezaga ko aho ari ho Roma iri butsindire maze ibikorwa by'ubugorozi bigahagarikwa. Iyo bajya gusohoza umugambi wabo, Wycliffe yajyaga guhatirwa guhakana inyigisho ze bitaba ibyo agasohorwa mu rukiko ajyanwa gutwikwa.

Nyamara ntabwo Wycliffe yagamburuye, ntabwo yashoboraga kwiyoberanya. Yakomeye ku nyigisho ze ashize amanga maze avuguruza ibirego by'abamurenganyaga. Yageze aho areka kwizirikana, yibagirwa icyo ari cyo n'aho yari ari maze ashyira abamuteze amatwi imbere y'urukiko rw'Imana bityo uburiganya n'uburyarya bwabo abishyira ku munzani w'ukuri guhoraho. Imbaraga ya Mwuka Muziranenge yumvikanye muri icyo cyumba. Umwuka uturutse ku Mana wagendereye abari bateze amatwi. Basaga n'abadafite imbaraga ibabashisha kuva aho hantu. Amagambo y'umugorozi yari ameze nk'umwambi urashwe n'Imana yahuranyije imitima yabo. Ikirego cy'ubuyobe bari bamushyizeho yacyerekeje kuri bo afite imbaraga itsinda imitima. Yababajije impamvu bahangara gukwirakwiza ibinyoma byabo bagambiriye inyungu maze bakagurisha ubuntu bw'Imana?

Yasoje agira ati, "Mutekereza ko murwana na nde? Ese ni umusaza nka njye uri ku munwa w'imva? Reka da! Ahubwo murarwana n'Ukuri, Ukuri kubarusha imbaraga kandi kuzabatsinda."[37] Amaze kuvuga ibyo, yasohotse mu rukiko maze ntihagira umuntu n'umwe mu banzi be utinyuka kumuhagarika.

Wycliffe yari ku ndunduro y'umurimo we. Ibendera ry'ukuri yari yaratwaye igihe kirekire ryari rigiye gukurwa mu ntoke ze ariko yagombaga kongera guhamya ubutumwa bwiza. Ukuri kwagombaga kuvugirwa mu ndiri y'ubwami bw'ikinyoma. Wycliffe yahamagariwe gucirwa urubanza imbere y'urukiko rwa Papa i Roma rwari rwaravushije amaraso kenshi y'abazirakarengane. Ntabwo Wycliffe yari ayobewe akaga kamutegereje; nyamara iyo atabuzwa n'indwara yo kugagara ingingo aba yaritabye iryo hamagarwa. Icyakora nubwo ijwi rye ritabashaga kumvikana i Roma, yashoboraga kuhavugira mu buryo bw'urwandiko kandi iki ni cyo yiyemeje gukora. Aho yari ari mu buyobozi bw'ishuri rikuru, Wycliffe yandikiye Papa urwandiko mu mvugo irangwamo kubaha ndetse n'umwuka wa Gikristo. Urwo rwandiko ubwibone no kwishyira hejuru by'ubutegetsi bwa papa.

Yaravuze ati: "Ni ukuri ndishimye cyane kuba mbonye uburyo bwo kumenyesha umuntu wese ibyo kwizera kwanjye ndetse by'umwihariko kubimenyesha Umwepisikopi mukuru w'i Roma. Kuko nzi ko ibyo nizera bitunganye kandi ari ukuri, nawe arahamya uko kwizera anezerewe cyangwa nikuba ari ubuyobe

37 Wylie, b.2, ch.13

abikosore.

Ubwa mbere, niringira ko Ubutumwa bwiza bwa Kristo bukubiye hamwe amategeko y'Imana. . . nemera ko niba Papa ari we uhagarariye Kristo ku isi akwiriye kubahiriza amategeko y'Imana kurusha abandi bantu bose. Kuko kuba mukuru mu bigishwa ba Kristo bidashingiye ku byubahiro by'isi, ahubwo bishingiye ku gukurikiza Kristo neza mu mibereho ye n'imigendere ye. . . Igihe Kristo yari mu rugendo rwe muri iyi isi, yari umukene uri hanyuma y'abandi, akigizayo kandi akanga kugirwa umutware kose ndetse n'icyubahiro cy'isi...

"Nta muntu w'indahemuka wagombye gukurikira yaba Papa ubwe cyangwa uwo ari we wese mu batagatifu, igihe cyose yiyemeje kugendera mu nzira z'Umukiza Yesu –Kristo. Kuko Petero n'abahungu ba Zebedayo, bamukojeje isoni mu gihe bishakiraga ibyubahiro by'isi, aho kugera ikirenge mu cya Kristo. Kubw'ibyo rero ntibakwiriye gukurikizwa muri ayo makosa bakoze.. . .

Yakomeje agira ati, "Papa yari akwiriye kwegurira abategetsi b'isi ubutware n'ubushobozi kandi akabisaba n'ibyegera bye kuko ibyo ari byo Kristo yakoze ndetse n'abigishwa be by'umwihariko. Bityo rero, niba narateshutse no ku ngingo imwe muri izo mvuze, ndemera guca bugufi ngakosorwa ndetse binyuze no mu rupfu bibaye ngombwa. Kandi niba nkora nkurikije ubushake bwanjye n'ibyo nifuza, nakwemera rwose kwitaba umwepisokopi w'i Roma. Ariko Umukiza yangendereye mu buryo buhabanye n'ubwo kandi yanyigishije kubaha Imana kuruta abantu."

Mu gusoza urwandiko rwe yaravuze ati, "Dusabe Imana yacu ngo ikorere muri Papa wacu Urbain wa VI, nk'uko yabitangiye, ngo we ubwe n'abamwungirije babashe kugera ikirenge mu cy'Umukiza Yesu-Kristo mu mibereho no mu myifatire; kandi ngo babashe kwigisha abantu uko bikwiriye bityo babahe urugero rwiza bakwiriye kugenderamo." [38]

Nguko uko Wycliffe yeretse Papa n'abakaridinali be ubugwaneza no kwicishije bugufi, abagaragariza ndetse n'abakristo bose itandukaniro hagati yabo n'Umukiza Yesu bavuga ko bahagarariye.

Wycliffe yari yiteguye rwose ko ubuzima bwe buri buhinganywe no kuba indahemuka kwe. Umwami, Papa n'abepisikopi bose bari bifatanyirije hamwe kumuhitana, kandi byagaragaraga ko hasigaye amezi make gusa akicwa ariko ubutwari bwe ntibwacogoye. Yaravuze ati: "Kuki muvuga ibyo gushakira kure uwo mwambika ikamba ahowe Imana?" "Nimubwirize ubutumwa bwa Kristo abakuru mu by'idini bishyira hejuru bityo abarenganirizwa ibyo ntimuzababura. Mbese nkwiriye kubaho ncecetse?. . . Ntibikabeho! Ikigomba kumbaho cyose ndagitegereje."[39]

Nyamara ubuntu bw'Imana bwakomeje kurinda umugaragu wayo. Umugabo wamaze igihe cyose cy'imibereho ye arwanira ukuri ashize amanga, mu kaga yahuraga na ko mu buzima bwe bwose, ntiyabashaga kugwa mu mutego w'urwango rw'abanzi be. Nta gihe na kimwe Wycliffe yashatse kwirwanirira ahubwo Uhoraho yagiye amubera umurinzi; kandi ubwo abanzi be bumvaga bamushyikiriye rwose, ukuboko k'Uwiteka kwarabamukijije. Umunsi umwe, ubwo yari mu rusengero

38 -John Foxe, *Acts and Monuments*, vol. 3, pp.49,50

39 D'Aubigné, b.17, ch.8

rw'aho yayoboraga i Lutterworth, agiye gutanga igaburo ryera, ni bwo yaguye ikinya aragagara, ahita ashiramo umwuka.

Imana ni yo yari yarahaye Wycliffe umurimo we. Ni yo yari yarashyize Ijambo ry'ukuri mu kanwa ke kandi ni yo yamurindaga kugira ngo iryo jambo ribashe kugera ku bantu. Ubuzima bwe bwari burinzwe kandi n'imirimo ye imara igihe kirekire ijya mbere kugeza ubwo urufatiro rw'umurimo ukomeye w'ubugorozi rwamariye gushyirwaho.

Wycliffe yasohotse mu mwijima w'igihe cy'Imyaka y'Umwijima. Nta wundi muntu wigeze abaho mbere ye ngo Wycliffe ahere ku murimo maze atunganye umurimo w'ubugorozi. Yahagurutse nka Yohana Umubatiza kugira ngo arangize inshingano idasanzwe, yari integuza y'igihe gishya cyari kigiye gutangira. Nyamara mu migendekere y'ukuri yigishije, harimo ubumwe no kuzura abagorozi bamukurikiye batababashije kurenzaho kandi bamwe ntibanabigezeho haba no mu myaka amagana menshi yakurikiyeho. Urufatiro yashinze rwari rugari kandi rwimbitse, imiterere yarwo yari inoze ari ntamakemwa ku buryo abamukurikiye batakeneye kurusubiraho ngo bongere barwubake.

Iryo tsinda mpinduramatwara rikomeye Wycliffe yatangije ryagombaga kubatura imitima n'ubwenge by'abantu, ndetse rigahesha umudendezo ibihugu byari bimaze igihe kirekire biri mu bubata bwa Roma. Iryo tsinda ryari rifite isoko yaryo muri Bibiliya. Aho niho nkomoko y'isoko y'umugisha yatembye nk'amazi y'ubugingo mu gihe cy'imyaka myinshi uhereye mu kinyejana cya cumi na kane. Wycliffe yemeye Ibyanditswe Byera afite kwizera adashidikanya ko Ibyanditswe ari ihishurwa ry'ubushake bw'Imana kandi ko ari byo muyobozi uhagije wo kwizera n'ibikorwa. Wycliffe yari yararezwe atozwa gufata ko Itorero ry'i Roma ari ubutware bwashyizweho n'Imana kandi butibeshya. Yari yaramenyerejwe kwemerana kwumvira kudashidikanya inyigisho n'imigenzo bimaze imyaka ibihumbi byinshi; nyamara ibyo byose abitera umugongo yiyemeza kumvira Ijambo ryera ry'Imana. Iri jambo ni ryo mutware yararikiye abantu kuyoboka. Mu mwanya w'itorero ricisha inyigisho zaryo muri Papa; Wycliffe yavuze ko ubuyobozi nyakuri bwonyine ari ijwi ry'Imana rivugira mu Ijambo ryayo. Ntabwo yigishije kandi gusa ko Bibiliya ari yo hishurwa nyakuri ry'ubushake bw'Imana, ahubwo yanavuze ko Mwuka

Muziranenge ari we musobanuzi waryo rukumbi, kandi ko kwiga inyigisho zaryo ari inshingano ya buri muntu ku giti cye. Ubwo nibwo buryo yashoboye kuvana intekerezo z'abantu kuri Papa no ku Itorero ry'i Roma maze azerekeza ku Ijambo ry'Imana.

Wycliffe yabaye umwe mu bagorozi bakomeye. Ku byerekeranye n'ubwenge, mu bitekerezo bitunganye, mu gushikama ku kuri ndetse no mu bushizi bw'amanga mu kurwanirira ukuri, bake cyane bo mu bagorozi bakurikiyeho ni bo babashije kugera ku rugero rwe. Umugorozi wabimburiye abandi yaranzwe n'imibereho itunganye, kudakebakeba mu kwiga no mu murimo yiyemeje, ubunyangamugayo, urukundo rwa gikristo no kuba umwiringirwa mu murimo we. Nyamara yari ameze atyo mu gihe cy'umwijima w'icuraburindi mu bwenge n'imyitwarire mibi y'abantu bariho mu gihe cye.

Imico ya Wycliffe ni igihamya cy'imbaraga yigisha kandi ihindura y'Ibyanditswe Byera. Bibiliya niyo yamugize uko yari ameze. Umwete wo kwakira ukuri gukomeye

kwahishuwe utera imbaraga ubushobozi bwose bw'umubiri kandi ukabuhindura bushya. Uwo mwete utuma ubwenge bwaguka, intekerezo zigakanguka kandi gushyira mu gaciro bikagera ku rugero rukwiye. Kwiga Bibiliya bizatunganya buri ntekerezo, uko umuntu yiyumva ndetse n'imigambi ku rwego rutagerwaho n'indi myigire iyo ari yo yose. Bitera kugira imigambi ihamye, ukwihangana, ubutwari n'umurava. Bitunganya imico kandi bikeza umutima. Kwiga Ibyanditswe ubishimikiriye bituma intekerezo z'umwigishwa zihuzwa n'ubwenge butagerwa. Abantu bo ku isi bafite ubwenge bwinshi kandi b'abanyamurava ndetse n'abagendera mu mahame atunganye, bibahesha ubwenge butabashaga gutangwa n'inyigisho ikomeye ituruka ku bucurabwenge bwa muntu. "Guhishurirwa amagambo yawe kuzana umucyo, guha abaswa ubwenge. "[40]

Amahame yigishijwe na Wycliffe yamaze igihe akomeza gukwira hose. Abayoboke be bahabwaga akazina kamwitirirwa ngo Wikilifite; ntibigisha mu Bwongereza gusa ahubwo bakwiye no mu bindi bihugu bajyanye ubutumwa bwiza. Ariko noneho ubwo umuyobozi wabo yari atakiriho, abo babwiriza bakoranye umuhati uruta uwa mbere kandi abantu benshi bazaga kumva inyigisho zabo. Bamwe mu bakomeye, ndetse n'umugore w'umwami ubwe, babarizwaga mu bahindutse bagakurikira izo nyigisho. Ahantu henshi habayeho ivugururwa rikomeye mu mibereho y'abantu kandi ibimenyetso biranga kuramya ibigirwamana by'abanyaroma byakuwe mu nsengero. Bidatinze umugambi mubisha w'akarengane umeze nk'umugaru wasohoreye ku bantu bari barahangayе kwemera Bibiliya ngo ibabere umuyobozi.

Kubera gushaka gukomeza ubutegetsi bwabo bishingikirije ku gushyigikirwa na Roma, ntabwo abami b'Ubwongereza batindiganyije kwicisha Abagorozi. Byabaye ubwa mbere mu mateka y'Ubwongereza maze itegeko ryo gutwikira abantu ku mambo rishyirirwaho abayobotse ubutumwa bwiza. Abicwaga bahowe ibyo bagendaga basimburana. Abarwaniriraga ukuri, abaciwe n'abicwaga urw'agashinyaguro nta wundi babashaga gutakira uretse Umwami Nyiringabo. Bahigwaga nk'abanzi b'itorero n'abagambanyi b'igihugu, bakomeje kujya babwiririza ahantu hihishe, bakabona ko kwikinga mu nzu zoroheje z'abakene ari byo byiza kandi akenshi bihishaga mu buvumo no mu bihanamanga.

Nubwo akarengane kari gafite ubukana bukabije, mu myaka myinshi hakomeje kubaho uburyo butuje, burimo kwihangana n'umurava bwo guhakana ukwangirika k'ukwizera mu by'idini kwariho icyo gihe. Abakristo bo muri icyo gihe cya mbere bari bazi ukuri by'igice nyamara bari barize gukunda no kumvira Ijambo ry'Imana, kandi bari barababajwe bihanganye kubwa ryo. Nk'uko abigishwa bo mu gihe cy'intumwa bari bameze, abantu benshi bataye ibyabo kubwa Kristo. Abari bemerewe kuba mu mazu yabo bakiranaga umunezero abavandimwe babo bameneshejwe mu miryango yabo kandi iyo nabo bameneshwaga, bemeraga kuba ibicibwa bishimye. Ni iby'ukuri ko hari abantu ibihumbi byinshi baterwaga ubwoba n'uburakari bukaze bw'ababatotezaga maze bagurana ukwizera kwabo umudendezo, bityo basohoka muri gereza bari bafungiwemo bambaye imyambaro yo kwihana

40 Zaburi 119:130

bajya gutangaza kwisubiraho kwabo. Nyamara umubare w'abahamirije ukuri muri gereza no mu gihe cyo kwicwa urw'agashinyaguro no gutwikwa ntiwari muto. Muri bo harimo abantu bavuka mu miryango y'abakomeye kimwe n'aboroheje. Bicwaga kandi bagatwika bashimishijwe n'uko bahiswemo ngo "basangire imibabaro n'Umukiza."

Abayoboke ba Papa bari barananiwe kugenza Wycliffe uko bashaka igihe yari akiriho. Bityo urwango rwabo ntirwashoboraga kunyurwa igihe cyose umubiri we uruhukiye mu gituro. Kubw'iteka ryaciriwe mu nama y'Abepisikopi yabereye i Constance (Konsitanse), nyuma y'imyaka isaga mirongo ine Wycliffe apfuye, hemejwe ko amagufwa ye akurwa mu gituro, agatwikirwa ku karubanda maze ivu ryayo rikajugunywa mu kagezi kari hafi aho. Hari umwanditsi wa kera wavuze ati, "Aka kagezi kajyanye iryo vu mu mugezi witwa Avon, na wo urijyane muri Savern, Savern nayo irijyane mu nyanja ifunganye, nyuma rigere mu nyanja ngari. Bityo none iryo vu ry'amagufwa ya Wycliffe ribe ikimenyetso cy'amahame ye yakwiriye ku isi yose muri iki gihe."[41] Abo banzi be ntibasobanukiwe bihagije n'ubusobanuro bw'igikorwa cy'ubugome bakoze.

Inyigisho za Wycliffe, zatumye John Huss (Yohana Huse) w'i Boheme, agera ubwo yamagana amakosa menshi yakorwaga n'itorero ry'i Roma kandi yinjira mu murimo w'ubugorozi. Uko ni ko muri ibyo bihugu bibiri bitegeranye habibwe imbuto y'ukuri. Umurimo waturutse i Boheme usakara no mu tundi turere. Ibitekerezo by'abantu byongera kwerekezwa ku Ijambo ry'Imana ryari rimaze igihe kirekire ryaribagiranye. Ukuboko kw'Imana kwateguraga ubundi Bugorozi bukomeye.

IGICE CYA 6

HUSE NA YORAMU (HUSS NA JEROME)

Ubutumwa bwiza bwari bumaze gushinga imizi i Boheme kuva mu itangira ry'ikinyejana cya cyenda. Bibiliya yari isobanuwe kandi ibiterane rusange by'amasengesho byakorwaga mu rurimi rwumvwa noneho n'abantu bose. Nyamara uko ububasha bwa Papa bwarushagaho kwiyongera, niko Ijambo ry'Imana ryibagiranaga. Gregori wa VII, wari wariyemeje gucisha bugufi ubwibone bw'abami, yari anagendereye kugira abantu inkoreragahato ze. Ni cyo cyatumye hasohoka urwandiko rubuzanya ko kuramya mu ruhame byakorwa mu rurimi rwa ab'i Boheme. Papa yavuze ko "Imana ishimishwa n'uko kuyiramya byakorwa mu rurimi rutazwi kandi ko ibibi byose n'ubuyobe byakomotse ku kudakurikiza iryo tegeko."[42] Nguko uko Roma yategetse ko umucyo w'Ijambo ry'Imana wazima kandi abantu bakarindagirira mu mwijima. Nyamara Imana yari yarateganyije ubundi

41 T. Fuller, *Church History of Britain,* b.4, sec.2, par. 54

42 -Wylie, b.3, ch.I

buryo buzatuma itorero ryayo ridahungabana. Benshi mu Bawalidensi n'Abalibijensi bari barameneshejwe mu ngo zabo mu Bufaransa n'Ubutaliyani baje i Boheme. Nguko uko kwizera nyakuri kwagiye kurindwa uko ibihe byagiye biha ibindi.

Mbere y'igihe cya Huse, i Boheme hadutse abantu bahagurukiye kwamagana ku mugaragaro amakosa y'itorero n'ibyaha byakorwaga n'abantu b'icyo gihe. Ibyo bakoraga byakanguye abantu ba hafi na kure. Abatware bakuru ba Roma bagize ubwoba maze baherako bahagurukira abigishwa b'ubutumwa bwiza barabatoteza. Byabaye ngombwa ko bajya bagirira ibiterane by'amasengesho mu mashyamba no mu misozi maze abasirikare bakabahiga kandi benshi baricwaga. Hashize igihe, hatanzwe itegeko ko abantu bose bitandukanyije n'imisengere y'itorero ry'i Roma bakwiriye gutwikwa. Ariko mu kwemera kubura ubuzima bwabo, abo Bakristo bari bategereje intsinzi y'umurimo biyemeje. Ubwo umwe mu bigishaga ko "agakiza kabonerwa mu kwizera Umukiza wabambwe" yapfaga, yaravuze ati: "Ubu umujinya w'abanzi b'ukuri waduhagurukiye nyamara ntuzahoraho iteka; hazaduka umuntu uvuye muri rubanda rugufi, adafite inkota cyangwa ubutware, kandi ntibazashobora kumuhangara."[43] Igihe cyo kuza kwa Luteri cyari kitaragera, nyamara hari uwari yatangiye guhaguruka kandi ubuhamya bwe burwanya Roma bwari kunyeganyeza amahanga.

Yohana Huse yavukiye mu muryango woroheje, kandi se yapfuye Huse akiri muto cyane amusiga ari impfubyi. Nyina yari umubyeyi w'imico myiza wabonaga ko uburere bwiza no kubaha Imana ari byo butunzi bukomeye kuruta ubundi, bityo yashatse gusigira uyu murage uwo mwana we. Huse yize mu ishuri ryo mu cyaro, aza kuzashobora kwinjira muri Kaminuza y'i Prague [Purage] yamwakiriye akajya yiga afashwa n'ishuri. Mu rugendo rwe ajya i Prague yaherekejwe na nyina wari umupfakazi kandi akennye. Nta mpano zo mu butunzi bw'isi nyina yari afite ngo azihe uwo muhungu we, ariko ubwo bari bageze hafi y'umujyi munini, yapfukamye iruhande rw'umwana we w'impfubyi maze amusabira imigisha kuri Se wo mu ijuru. Uwo mubyeyi ntiyasobanukirwaga neza n'uburyo isengesho rye ryajyaga kuzasubizwa.

Muri Kaminuza, Huse yahise yigaragaza bitewe n'umwete we udacogora ndetse no kugwiza ubwenge mu buryo bwihuse, mu gihe kuba inziramakemwa kwe n'ubwitonzi, igikundiro n'ubupfura byamurangagaga byamuhesheje icyubahiro muri Kaminuza yose. Yari umuyoboke w'umunyamwete w'itorero ry'i Roma kandi agahora aharanira kugera ku migisha y'umwuka rivuga ko ritanga. Ubwo igihe cyo gusaba imbabazi cyageraga, Huse yagiye kwicuza ibyaha bye atanga ituro ry'ibiceri yari asigaranye byonyine, aherako ajya mu mutambagiro kugira ngo abe mu bagiriwe imbabazi zasezeranwe. Arangije amasomo yigaga muri koleji yahise aba umupadiri maze ntiyatinda kugaragaza ubushobozi buhanitse mu byo akora bituma agirwa icyegera cy'i bwami. Yanagizwe kandi umwigisha muri Kaminuza yigiyemo maze nyuma yaho anagirwa umuyobozi wayo. Mu myaka mike wa munyeshuri w'umukene wigiye ku mfashanyo yari yamaze guhinduka ishema ry'igihugu cye, maze izina rye rimenyekana mu Burayi bwose.

Ariko ku rundi ruhande Huse yatangiye umurimo w'ubugorozi. Hashize

43 -Wylie, b.3, ch.I

imyakamyinshi amaze guhabwa inshingano zo kuba umupadiri, yatorewe kuba umubwiriza wa Kiliziya y'i Betelehemu. Uwatangije iyo Kiliziya yari yarashyigikiye ko kubwiriza Ibyanditswe mu rurimi rwumvwa na rubanda rwose ari ingingo y'ingenzi. Nubwo abayobozi b'i Roma bari bararwanyije iyo mikorere, ntabwo i Boheme yari yarahashize burundu. Ariko kandi abantu bari bafite ubujiji bukomeye cyane mu bya Bibiliya, bityo ingeso mbi zikarangwa mu bantu bo mu nzego zose. Huse, adaciye ku ruhande, yamaganye byimazeyo iyo myitwarire mibi bikabije, yishingikirije ku Ijambo ry'Imana kugira ngo ashimangire amahame y'ukuri n'ubutungane yacengezaga.

Umuturage w'i Purage witwaga Jerome waje kuba incuti ikomeye ya Huse, yari yaravanye inyandiko za Wycliffe [Wikilife] mu Bwongereza. Umwamikazi w'Ubwongereza yari yarayobotse inyigisho za Wycliffe kandi yavukaga i Boheme. Bitewe n'ubushobozi yari afite, byatumye ibikorwa bya Wycliffe bikwira hose mu gihugu avukamo. Yohana Huse yasomye ibyo Wyclife yanditse abishishikariye; yizeraga ko uwabyanditse yari Umukristo wamaramaje, maze bimutera kwemera nta shiti ko iby'ubugorozi yaharaniraga bifite ishingiro. Nubwo atari abizi, Huse yari yamaze kwinjira mu nzira izamutandukanya na Roma.

Muri ibyo bihe, i Prague hageze abagabo babiri baturutse mu Bwongereza, bari abahanga bize kandi bari barakiriye umucyo, bityo bari baje kuwukwirakwiza muri iki gihugu cya kure. Batangiye kurwanya ubutware bwa papa ku mugaragaro maze bidatinze bahita bacecekeshwa n'abategetsi. Babonye badashobora gutezuka ku ntego yabo, bashakishije ubundi buryo. Kubera ko bari abanyabukorikori bakaba n'ababwiriza, bahisemo gukoresha ubuhanga bwabo. Bashatse ahantu ku karubanda maze bahashushanya amashusho abiri. Ishusho imwe yerekanaga Kristo yinjira muri Yerusalemu "afite ubugwaneza kandi ahetswe n'indogobe,"[44] ndetse akurikiwe n'abigishwa be bambaye imyambaro yasazishijwe n'urugendo kandi nta nkweto bambaye. Ikindi gishushanyo cyerekanaga Papa ashagawe, yambaye imyambaro ye y'igiciro cyinshi, umutwe utamirijwe ikamba kandi agendera ku ifarashi irimbishijwe ibintu by'igiciro, abanjirijwe n'abantu bavuza impanda, kandi akurikiwe n'abakaridinali n'abandi bayobozi bakuru mu by'idini bambaye imyambaro ishashagirana.

Icyo cyari ikibwirizwa cyakuruye intekerezo z'abantu bo mu nzego zose. Abantu benshi bazaga kwitegereza ibyo bishushanyo. Nta muntu n'umwe utarabashaga kumenya icyo byigisha, kandi abantu benshi batangazwaga cyane n'itandukaniro riri hagati yo kwicisha bugufi n'ineza bya Kristo, no kwishyira hejuru n'ubwibone bya Papa wavugaga ko ari umugaragu we. Muri Prague habaye gukangarana gukomeye maze hashize igihe gito, abo banyamahanga babona ko byababera byiza kwimuka aho kugira ngo batahagirira amakuba. Nyamara icyigisho bari barigishije nticyibagiranye.

Ayo mashusho yakoze ku mutima wa Huse maze amutera kwiga Bibiliya n'inyandiko za Wycliffe abishimikiriye. Nubwo icyo gihe atari yiteguye kwemera impinduka zose Wycliffe yari ashyigikiye, yarushijeho kubona neza imiterere nyakuri y'ubupapa, maze aza kuzahagurukana umurava mwinshi arwanya ubwibone,

44 Matayo 21:5

kurarikira, n'imikorere mibi birangwa mu nzego z'ubutegetsi bwa Papa.

Umucyo waturutse i Boheme ugera mu Budage kuko imyivumbagatanyo muri Kaminuza ya Prague yatumye abanyeshuri b'Abadage amagana menshi bahagarika kwiga. Benshi muri bo bari baramaze kugezwaho na Huse ubumenyi bw'ibanze bwo muri Bibiliya maze basubiye iwabo bamamaza ubutumwa bwiza mu gihugu cyabo. Inkuru z'ibyakorerwaga i Prague zageze i Roma maze bidatinze Huse ahamagarirwa kwitaba Papa. Kumvira iryo hamagara byari ukwishyira urupfu byanze bikunze. Umwami n'umwamikazi b'i Boheme, Kaminuza yose, bamwe mu bakomeye n'abategetsi ba Leta bashyira hamwe basaba Papa ko yareka Huse akaguma i Purage maze ahubwo akohereza intumwa i Roma mu mwanya we. Aho kwemera icyo cyifuzo, Papa yahereyeko acira Huse urubanza, kandi avuga ko umujyi wa Prague uciwe.

Muri icyo gihe, iyo ugucirwaho iteka nk'iryo igihe cyose kwabagaho, byagombaga kumenyeshwa hose. Imihango yabiherekezaga yabaga igendereye gutera ubwoba abantu barebaga Papa nk'uhagarariye Imana ku isi, kandi akaba afite imfunguzo z'ijuru n'iz'ikuzimu ndetse afite n'ubushobozi bwo guca amateka yo ku isi kimwe n'ay'iby'umwuka. Abantu bizeraga ko inzugi zo mu ijuru zari zikinzwe ku karere kaciwe na Papa, kandi ko kugeza igihe Papa azabishakira maze agakuraho icyo gihano, abantu bapfa bo muri ako karere badashobora kwakirwa mu munezero w'ijuru. Kubwo kwerekana ikimenyetso cy'uwo muvumo ukabije, imirimo yose y'idini muri Prague yarahagaritswe. Insengero zirakingwa, imihango y'ubukwe igakorerwa mu gikari cy'urusengero. Babuzanyije guhamba abapfuye mu irimbi ryabiteganyirijwe ahubwo bahambwaga mu migende cyangwa mu mirima nta mihango yo kubashyingura ikozwe. Nguko uko Roma yagerageje kwigarurira intekerezo z'abantu ikoresheje ingamba zikora ku ntekerezo.

Umujyi wa Prague wuzuye umuvurungano. Abantu benshi barwanya Huse ko ari we ntandaro y'ibyago byabo byose kandi basaba ko yashyikirizwa ubutegetsi bw'i Roma ngo abiryozwe. Kugira ngo acubye uwo muvurungano, umugorozi Huse yaratorotse maze ajya kumara igihe mu mudugudu avukamo. Ubwo yandikiraga incuti ze yari yarasize i Prague yaravuze ati: " Niba narabasize, nakurikije amabwiriza n'urugero bya Yesu Kristo. Nabikoreye kugira ngo ne guha abagizi ba nabi urwaho rwo gukora ibibaciraho iteka, kandi ngo ne guteza abubaha Imana umubabaro no gutotezwa. Nabaye mbavuyemo kandi mbitewe no kumenya ko abapadiri bafite umutima mubisha ko bagomba kumara igihe kirekire bakomeza kubuzanya kubwiriza ijambo ry'Imana muri mwe. Nyamara ntabwo nabasize kubwo guhakana ukuri kw'Imana kuko ari ko niteguye kuzira mbifashijwemo n'Imana."[45]

Ntabwo Huse yahagaritse ibikorwa bye ahubwo yagendereraga uturere tumukikije, akabwiriza imbaga y'abantu babaga bafite inyota yo kumwumva. Uko niko ibyemezo Papa yafashe byo gukoma mu nkokora ubutumwa bwiza byatumaga burushaho kwamamara cyane. "Kuko nta cyo dushobora gukora ngo turwanye ukuri, keretse kukurwanira."[46]

"Muri ibyo bihe by'umurimo we, intekerezo za Huse zasaga n'isibaniro

45 Bonnechose, *The Reformers Before the Reformation*, vol.1, p.87

46 2 Abakorinto 13:8

ry'intambara ikomeye. Nubwo itorero ryashakaga kumukangisha rikoresheje imbaraga nyinshi, yari acyemera ubushobozi bwaryo. Kuri we itorero ry'i Roma ryari rikiri umugeni wa Kristo kandi Papa ari uhagarariye Imana n'umusimbura wa Yo. Icyo Huse yarwanyaga cyari ugukoresha ubutware nabi kwa Papa. Ntabwo yarwanyaga ubupapa ubwabwo. Ibi byateye amakimbirane akomeye hagati y'ibyo ubwenge bwe bwemeraga n'ibyo umutimanama we wamusabaga. Niba ubutware bwa Papa ari ubw'ukuri kandi butibeshya nk'uko yizeraga ko ari ko buri, ni mu buhe buryo yaje kumva ahatirwa kutabwumvira? Yabonaga ko kubwumvira ari ugukora icyaha, ariko akibaza ati, "Ni mpamvu ki kumvira itorero ritibeshya byageza umuntu kuri iyo ngorane?" Iki cyari ikibazo atashoboraga gukemura kandi kwari ugushidikanya kwamubuzaga amahoro buri saha.

Umuti wegereye igisubizo Huse yashoboraga gutanga wari uko, nk'uko byari byarabaye mu gihe Umukiza yari ku isi, abatambyi b'itorero bari barabaye abantu babi kandi bakoreshaga ubushobozi bahabwa n'amategeko bashaka kugera ku ntego zitemewe nayo. Ibi byamuteye kwihitiramo ubuyobozi, kandi yigisha n'abandi kwihitiramo ubwabo. Yahisemo kugendera ku mvugo ivuga ko amahame y'Ibyanditswe, igihe yinjiye mu mutima w'umuntu mu buryo busobanutse, ari yo agomba gutegeka umutimanama. Mu yandi magambo ni uko Imana ivugira muri Bibiliya kandi ko ari yo muyobozi wenyine utayobya. Ntabwo rero ari itorero rivuga rikoresheje abapadiri.

Nyuma y'igihe runaka ituze rimaze kugaruka i Purage, Huse yagarutse muri Kiliziya y'i Betelehemu kugira ngo akomezanye umwete n'ubutwari kubwiriza Ijambo ry'Imana. Abanzi be bakoraga cyane kandi bafite imbaraga, ariko umwamikazi na benshi mu bantu bakomeye bari incuti ze bityo abantu benshi bajya ku ruhande rwe. Kubera kugereranya amahame adafasha imitima abapadiri bashyizweho na Roma babwirizaga, ubugugu n'ubusambanyi bwabo hamwe n'inyigisho zitunganye kandi zizahura za Huse, utibagiwe imibereho ye izira inenge, byatumye abantu benshi babona ko kujya ku ruhande rwe bihesheje icyubahiro.

Kugeza icyo gihe, Huse yari wenyine mu murimo yakoraga, ariko ubu Yoramu wari waremeye inyigisho za Wycliffe igihe yari mu Bwongereza, nawe yinjiye mu murimo w'ubugorozi. Nyuma y'aho, bombi barafatanyije mu buzima bwabo kandi no mu rupfu ntibashoboraga gutandukana. Ku rwego rukomeye, Yoramu yari umuhanga, akaba intyoza n'intiti. Izo mpano zatumye rubanda rumukunda, ariko muri iyo miterere igize imbaraga nyakuri z'imico, Huse yaramurutaga. Ubushishozi bwe no gutuza byacubyaga umutima wa Jerome warangwaga no guhubuka bityo kubwo kwicisha bugufi, akemera gukurikiza inama ze. Gukorera hamwe kwabo byatumye umurimo w'ubugorozi wihuta bwangu ukwira hose.

Imana yatumye umucyo ukomeye urasa mu ntekerezo z'abo bagabo batoranyijwe, ibahishurira byinshi byo mu makosa y'ubuyobozi bw'i Roma, ariko ntibahawe umucyo wose wagombaga guhabwa abatuye isi. Imana yakoresheje abo bagaragu bayo bombi kugira ngo ikure abantu mu mwijima w'inyigisho z'i Roma, nyamara bari bafite inzitizi nyinshi kandi zikomeye bagombaga guhura nazo ni cyo cyatumye Imana ibayobora buhoro buhoro ikurikije imbaraga zabo. Ntabwo bari biteguye kwakira umucyo wose icyarimwe. Iyo bajya guhabwa umucyo w'ukuri kose mu mwanya umwe, byari gutuma bayoba nk'uko umucyo w'ubwiza w'izuba

ry'amanywa ribera abantu bamaze igihe kirekire mu mwijima. Nicyo cyatumye Imana ihishurira abayobozi uwo mucyo buhoro buhoro ikurikije uko abantu babashaga kuwakira. Uko imyaka yahitaga indi igataha, niko abandi bakozi b'indahemuka bagombaga kuzakurikiraho kugira ngo barusheho kuyobora abantu mu nzira y'ubugorozi.

Itorero ryakomeje gucikamo ibice. Noneho abapapa batatu barwaniraga ubutware bw'ikirenga, kandi amakimbirane yabo agwiza ubwicanyi n'umwuka mubi mu Bakristo. Batanyuzwe no guciriranaho iteka, biyemeje gukoresha intwaro zariho muri icyo gihe. Buri wese yiyemeje kugura intwaro no kugira abasirikare. Birumvikana ko amafaranga yari akenewe; bityo kugira ngo aboneke, impano, imirimo itorero ryakoraga, ndetse n'imigisha ryatangaga bitangirwa ikiguzi. Abapadiri nabo biganye urugero rw'abayobozi babo, bityo bayoboka kwaka ibiguzi ku byo bakorera abaza gusenga, kandi bagakoresha n'intambara kugira ngo bacishe bugufi abo batumvikana ndetse bakomeze ubutegetsi bwabo. Buri munsi Huse yakomeje kuvuga ashize amanga yamagana amarorerwa yakorwaga mu izina ry'iyobokamana, bityo abantu bashinja ku mugaragaro abayobozi b'itorero ry'i Roma ko ari bo ntandaro y'akaga n'ubukene byibasiye Abakristo.

Na none umudugudu w'i Prague wasaga n'ugiye kwinjira mu makimbirane avusha amaraso. Nk'uko byabaye mu bihe bya kera, umugaragu w'Imana yashinjwe ko ari we "wateje Isirayeli umuruho."[47] Umujyi wa Prague wongeyeye gushyirwa mu kato maze Huse asubizwa ku ivuko. Ubuhamya yatanganaga umutima mwiza mu kiriziya yakundaga cy'i Betelehemu bwarahagaze. Yagombaga kubuvugira ahantu hagari kuruta aho; akabubwira Abakristo bose mbere yuko apfa azize guhamya ukuri.

Kugira ngo ibibi byamungaga Uburayi bishakirwe umuti, hatumijwe inama rusange ngo iteranire i Constance [Konsitanse]. Iyo nama yatumijwe n'umwe mu bapapa batatu bari bahanganye witwaga Yohani wa XXIII, biturutse ku cyifuzo cy'umwami w'abami Sigismond [Sigisimundi]. Igitekerezo cyo gutumiza iyo nama nticyari cyarashimishije Papa Yohana wari ufite imico n'imikorere bitashobora kwihanganira gukurikirana abantu, nubwo byaba bikozwe n'abayobozi bakuru mu idini batagiraga imico mbonera nk'uko abanyadini b'icyo gihe bari bameze. Nyamara ntiyahangaye kurwanya icyifuzo cy'umwami w'abami Sigismond.

Intego z'ingenzi zagombaga kugerwaho n'iyo nama zari ugukura ibice mu itorero no kurandura inyigisho z'ubuyobe. Bityo, ba bapapa babiri bari bahanganye baratumijwe ngo bitabe iyo nama, ndetse hatumizwa na Yohana Huse wakwirakwije inyigisho nshya. Abo bapapa bombi ntibizeye umutekano wabo, maze banga kwiyizira ubwabo, ahubwo bohereza ababahagarariira. Papa Yohani nubwo ari we byagaragaraga ko yatumiye inama, yayijemo afite gushidikanya kwinshi akeka ko umwami w'abami afite umugambi uhishwe wo kumukuraho, kandi atinya ko amuryoza ingeso mbi zatesheje agaciro ubupapa ndetse n'ubwicanyi yakoze. Icyakora yinjiranye icyubahiro cyinshi mu mujyi wa Constance ashagawe n'abayobozi bakuru mu by'idini bakurikiwe n'imbaga y'abantu benshi. Abayobozi bose b'itorero n'abanyacyubahiro bo mu mujyi wa Constance ndetse n'imbaga y'aboroheje n'abakomeye barahagurutse bajya kumusanganira. Ku mutwe we yari yambaye ikamba ry'izahabu ryambarwaga gusa n'abacamanza bane bakuru. Imbere ye bagendanaga igitambo cya ukarisitiya, kandi imyambaro ya gikungu abakaridinali n'abakomeye bari bambaye yatangazaga abantu.

47 1 Abami 18:17

Muri icyo gihe undi mugenzi yari mu nzira ari hafi kugera i Constance. Huse yari azi neza akaga kamutegereje. Yari yasize asezeye ku ncuti ze nk'aho batazongera kubonana ukundi, bityo afata urugendo azi neza ko ruzamugeza ku gupfa atwitswe. Nubwo yari afite urwandiko rw'inzira rwatanzwe n'umwami w'i Boheme kandi igihe yari ku rugendo agahabwa urundi n'umwami w'abami Sigismond, yakoze imyiteguro ye yose abona ko ashobora gupfa.

Mu rwandiko yandikiye incuti ze z'i Prague yaravuze ati: "Bavandimwe banjye nkunda,... ngiye mfite urwandiko rw'inzira rwatanzwe n'umwami kugira ngo njye guhangana n'abanzi banjye batabarika kandi batanyifuriza kubaho. . . . Byose mbiragije Imana nyiri ububasha bwose, niragije Umukiza wanjye. Niringira ko Imana izumva amasengesho yanyu adatezuka kugira ngo izashyire ubushishozi n'ubwenge bwayo mu kanwa kanjye, bityo nzabashe gutsinda abanzi banjye. Niringira kandi ko izampa Mwuka wayo Muziranenge kugira ngo ankomereze mu kuri kwe ngo ngire ubutwari nzabashe guhangana n'ibigeragezo, inzu y'imbohe, ndetse bibaye ngombwa, n'urupfu rw'agashinyaguro. Yesu Kristo yababarijwe cyane abo yakunze; none se dukwiriye gutangazwa n'uko yadusigiye urugero rwe kugira ngo natwe ubwacu tubashe kwihanganira ibitugeraho byose kubw'agakiza kacu? Ni Imana yacu, natwe turi ibiremwa bye; ni Umwami twe turi abagaragu be; ni Umwami w'isi twe tukaba indushyi z'ibiremwa bipfa nyamara yaratubabarijwe! None se kuki twe tutagomba kubabazwa cyane cyane iyo uwo mubabaro ugendereye kudutunganya? Kubw'ibyo bakundwa, niba urupfu rwanjye rugomba kugira uruhare ku ikuzo Rye, munsabire kugira ngo rubanguke kandi ngo anshoboze kwihanganira imibabaro yanjye yose nshikamye. Ariko ni biba ngombwa ko mbagarukamo, nimutyo dusabe Imana nzagaruke ntafite ikinegu. Ni ukuvuga ngo sinzabashe kugira inyuguti n'imwe y'ukuri k'ubutumwa bwiza nkuraho kugira ngo mbashe gusigira abavandimwe banjye urugero rutunganye bakwiriye gukurikiza. Ahari birashoboka ko mutazongera kunca iryera i Prague; ariko biramutse bibaye kubw'ubushake bw'Imana ishoborabyose ko ingarura muri mwe, mureke tujye mbere dufite umutima ushikamye mu gukunda no gusobanukirwa amategeko yayo."[48]

Mu rundi rwandiko yandikiye umupadiri wari warahindutse umwigishwa w'ubutumwa bwiza, Huse yavuze iby'amakosa ye bwite afite kwicisha bugufi yishinja "kuba yarishimiye kwambara imyenda y'igiciro cyinshi no kuba yarapfushije igihe kinini ubusa mu bidafite akamaro." Yongeyeho iyi miburo ikora ku mutima agira ati, "Ndasaba ngo ikuzo ry'Imana n'agakiza k'abantu byuzure ubwenge bwawe aho kuzura kugwiza inyungu n'ubutunzi. Witondere kurimbisha inzu yawe kuruta uko urimbisha umutima wawe, kandi ikiruta byose wite ku nyubako y'ibya Mwuka. Jya uba inyangamugayo kandi wicishe bugufi ubane n'abakene, wirinde kwaya umutungo wawe mu byo kwinezeza. Uramutse utisubiyeho ngo ureke gukabya, ndatinya ko utazabura kubihanirwa cyane nk'uko nanjye byambaho. . . Usobanukiwe n'ibyo nigisha kuko wakiriye inyigisho zanjye

48 -Bonnechose, vol.I, pp.147, 148.

kuva mu bwana bwawe ni yo mpamvu kukwandikira ibirenze ibi ntacyo bimariye.

Ariko ndakwinginze kubw'imbabazi z'Imana, ngo we kunyigana mu bupfapfa wabonye ngwamo." Inyuma ku ibahasha yongeyeho ati, "Ndakwinginze ncuti yanjye, ntuzigere ufungura iyi baruwa utaramenya neza ko napfuye."[49]

Mu rugendo rwe aho yanyuraga hose, Huse yagiye abona ibimenyetso byo kwamamara kw'inyigisho ze ndetse n'ubwuzu abantu bazakiranye. Imbaga y'abantu benshi bazaga kumusanganira kandi mu mijyi imwe abacamanza bamuherekezaga mu tuyira tw'iwabo.

Ageze i Constance, Huse yahawe umudendezo wuzuye. Ku rwandiko rw'inzira yari yarahawe n'umwami w'abami hiyongereyeho ubwishingizi bwo kurindwa yahawe na Papa. Ariko, kubwo kurenga kuri ayo mabwiriza yari yarakomeje guhabwa yihanangirizwa, bidatinze uwo Mugorozi yaje gufatwa biturutse ku itegeko rya Papa n'ibyegera bye (abakaridinari), maze ajugunywa mu kazu k'imbohe kabi cyane. Hanyuma yaje kujyanwa muri gereza ikomeye iri hakurya y'umugezi wa Rhine maze arahafungirwa. Icyo gikorwa kibi Papa yakoze ntacyo cyamumariye cyane kuko nyuma y'igihe gito nawe yafashwe agafungirwa muri iyo gereza."[50] Uwo mupapa yahamirijwe imbere y'inama nkuru ko ahamwa n'ibyaha ndengakamere bigeretse ku bwicanyi, guca abantu amafaranga ngo hakorwe imihango yera, ubusambanyi, n'ibindi "byaha bidakwiriye kuvugwa mu mazina". Uko ni ko abagize inama ubwabo bavuze maze amaherezo uwo mupapa yamburwa ikamba ry'ubupapa ajugunywa muri gereza. Abamurwanyaga nabo bakuweho maze hatorwa Papa mushya.

Nyamara nubwo Papa ubwe yari yarahamwe n'ibyaha bikomeye cyane biruta ibyo Huse yaregaga abapadiri kandi akaba ari byo yashingiragaho asaba ko haba ivugurura, iyo nama yanyaze Papa yakurikijeho gahunda yo kwica umugorozi Huse. Ifungwa rya Huse ryababaje benshi mu mujyi wa Boheme. Abakomeye n'abanyacyubahiro bo muri uwo mujyi bohereza inama y'abepisikopi urwandiko rwerekana ko barwanya icyo gikorwa kibi. Umwami w'abami n'ubundi wari wemeye atishimiye ko barenga ku ruhusa rw'inzira Huse yari afite, nawe yarwanyije ibyo bendaga kugirira Huse. Nyamara abanzi b'umugorozi bari buzuye umutima w'ubucakura kandi bamaramaje. Bongeye kwishingikiriza ku rwikekwe rw'umwami w'abami, ku bwoba bwe no ku ishyaka agirira itorero. Bakomeje kuzana ingingo zisobanutse cyane zigaragaza ko "kwizera kudakwiriye kubangikanywa n'abayobotse inyigisho z'ubuyobe cyangwa abandi bantu bakekwaho izo nyigisho nubwo baba bafite inzandiko zibahesha umudendezo zatanzwe n'umwami w'abami cyangwa abami ubwabo." Icyifuzo cyabo cyaremewe."[51]

Amaze gucibwa intege n'uburwayi no kuba mu nzu y'imbohe, kubera ko ubukonje n'umwuka mubi byo mu kumba yari afungiwemo byamuteye kugira umuriro mwinshi ku buryo wari hafi yo kumuhitana, amaherezo Huse yazanywe imbere y'inama y'abepisikopi. Bamuzanye aziritswe iminyururu maze ahagarara imbere y'umwami w'abami wari werekanye icyubahiro cye no kwizera kwe amurahirira

49 -Bonnechose, vol.I, pp.148, 149.
50 Bonnechose, vol.I, p.247.
51 Jacques Lenfant, *History of the Council of Constance*, vol.I, p.516

kumurinda ntihagire umuhungabanya. Mu gihe kirekire cyo kumucira urubanza, yashikamye ku kuri kandi imbere y'abayobozi b'idini n'abategetsi ba leta bose bateraniye hamwe, ahavugira amagambo yahuranyije kandi adakebakeba arwanya imyitwarire mibi y'inzego z'ubutegetsi bw'i Roma. Ubwo yasabwaga guhitamo niba yahakana inyigisho ze akazireka bitaba ibyo akicwa, yemeye gupfa azize kwemera kwe.

Ubuntu bw'Imana bwaramukomeje. Mu gihe cy'ibyumweru byinshi yamaze ababara mbere yo gucirwa urubanza ruheruka, umutima we wari wuzuye amahoro ava mu ijuru. Yabwiye incuti ye ati, "Nanditse uru rwandiko ndi muri gereza, amaboko yanjye yambaye iminyururu, ntegereje gucirwa urubanza rwo gupfa ejo. . . . Kubwo gufashwa na Yesu Kristo, ubwo tuzongera kubonana mu gihe cy'amahoro atagira impinduka yo mu buzima bw'ahazaza, nibwo uzasobanukirwa n'uburyo Imana yangiriye imbabazi, n'uko yamfashije ikankomeza mu bishuko n'ibigeragezo nahuye nabyo."[52]

Mu mwijima wo mu kumba yari afungiwemo yahaboneye insinzi y'ukwizera nyakuri. Mu nzozi ze yasubije ibitekerezo muri Kiliziya y'i Prague aho yari yarabwirije ubutumwa bwiza maze abona papa n'abayobozi bakuru muri kiriziya bahanagura amashusho ya Kristo yari yarashushanyije ku nkuta z'iyo kiriziya. "Izi nzozi zaramubabaje cyane ariko ku munsi wakurikiyeho yabonye abahanga benshi mu gushushanya bahugiye mu kuvugurura ayo mashusho ari menshi kandi bakoresha amarangi arushijeho kubengerana. Umurimo wabo ukirangira, abo bantu bashushanyaga bazengurutswe n'imbaga y'abantu bateye hejuru bati: "Ngaho nimureke abapapa n'abepisikopi baze; ntibazigera bongera guhanagura aya mashusho!" Ubwo Huse yavugaga iby'izo nzozi yaravuze ati: "Niringira rwose ko ishusho ya Kristo itazigera ihanagurwa na mba. Bifuje kuyirimbura ariko izongera ishushanywe bundi bushya mu mitima yose n'ababwiriza bandusha."[53]

Ku nshuro ya nyuma, Huse yazanwe imbere y'inama nkuru. Ryari ikoraniro rinini kandi ry'abakomeye: umwami w'abami, ibikomangoma, abajyanama ibwami, abakaridinali, abepisikopi, abapadiri n'imbaga y'abantu batabarika bari baje gushungera ibyari kuba uwo munsi. Mu turere twose twarangwagamo Ubukristo hari haturutse abahamya baje kureba iby'uyu muntu wari ugiye kuba igitambo gikomeye cya mbere mu rugamba rurerure rwabaye intandaro y'umudendezo wo kuyoborwa n'umutimanama.

Ubwo yahamagarirwaga kuvuga umwanzuro we uheruka, Huse yaberuriye rwose ko adashobora kwivuguruza maze ahanga ijisho rye umutware mukuru wari watanze indahiro ariko ikarengwaho bikojeje isoni, maze aravuga ati, "Ku bushake bwanjye niyemeje kuza imbere y'iyi nama nshyigikiwe na rubanda no kwizera k'umwami w'abami wicaye aha."[54] Mu maso h'Umwami w'abami Sigismond hahise hijima maze abari bateraniye aho bose bamuhanga amaso.

Huse amaze gucirwa urwo gupfa, umuhango wo kumwambura icyubahiro waratangiye. Abayobozi bakuru b'itorero bambitse imfungwa yabo imyambaro

52 -Bonnechose, vol.2, p.67
53 -D'Aubigné, b.I, ch.6.
54 Bonnechose, vol.2, p.84

y'abepisikopi, maze ubwo Huse yambikwaga ikanzu y'abapadiri, yaravuze ati: "Umwami wacu Yesu Kristo yambitswe ikanzu yera, igihe Herode yamwoherezaga kwa Pilato kugira ngo babone uko bamukoza isoni bamutuka."[55]

Ubwo bongeraga kumwingingira kwisubiraho, yarahindukiye areba rubanda maze aravuga ati: "None se nabasha nte gukomeza kwerekeza amaso yanjye mu ijuru? Nahangara nte kurebana n'imbaga y'abantu nabwirije ubutumwa bwiza butunganye? Oya rwose, agakiza k'abo bantu karuta kure uyu mutindi w'umubiri ugiye gupfa." Batangira kumwambura imyambaro bamukuramo umwe umwe, maze buri mwepisikopi akamuvugiraho imivumo uko arangije umugabane w'uyu muhango. Ibyo birangiye, bamwambika ikamba ku mutwe rifite agasongero rishushanyijweho abadayimoni bateye ubwoba kandi imbere ryanditsweho n'aya magambo ngo, "Umuyobe ruharwa." Huse yaravuze ati: "Mfite umunezero mwinshi wo kwambikwa iri kamba ry'urukozasoni ku bwawe Yesu wambitswe ikamba ry'amahwa ku bwanjye."

Igihe yari amaze kwambikwa iryo kamba, abo bayobozi bakuru b'idini baravuze bati: "Ubu ubugingo bwawe tubweguriye Satani." Yohana Huse yubura amaso ye ayerekeza mu ijuru maze aravuga ati: " Nshyize umwuka wanjye mu biganza byawe, Mwami Yesu, kuko ari wowe wancunguye. "[56]

Noneho yashyikirijwe abayobozi ba Leta maze bamujyana aho yagombaga kwicirwa. Abantu benshi baramukurikira, abantu amagana bafite intwaro, abapadiri n'abayobozi bakuru b'idini bambaye amakanzu y'igiciro cyinshi n'abaturage b'i Constance. Ubwo yari amaze guhambirwa ku rumambo, ibintu byose byarangiye bategereje gukongeza umuriro, Huse yongeye kwingingirwa gukiza amagara ye aramutse yemeye kureka amakosa ye. Huse yaravuze ati: "Ni ayahe makosa nkwiriye kureka? Jye ubwanjye nzi ko nta kosa mfite. Ntanze Imana ho umugabo ko ibyo nanditse kandi nabwirije byose byakozwe hagamijwe gutabara abantu ngo bakurwe mu cyaha no kuzimira. Niyo mpamvu nishimiye cyane kuzahamisha amaraso yanjye uko kuri nanditse kandi nabwirije."[57] Ubwo ibirimi by'umuriro byari bimuzabiranyije, yatangiye kuririmba ati: "Yesu, mwana wa Dawidi, ngirira impuhwe!" Yakomeje atyo kugeza ubwo ijwi rye ryacwekereye burundu.

N'abanzi be bose batangajwe n'ubutwari bwe bukomeye. Ubwo umuyoboke ukomeye w'itorero Gatorika yasobanuraga ibya Huse wazize kwizera kwe ndetse n'ibya Jerome waje gupfa nyuma y'igihe gito, yaravuze ati: "Bombi berekanye umutima utuje ubwo isaha yabo ya nyuma yegerezaga. Biteguye gutwikwa nk'abagiye mu birori by'ubukwe. Ntibigeze batakishwa n'umubabaro. Igihe ibirimi by'umuriro byazamukaga bateraga indirimbo; kandi ubukana bw'umuriro ntibwababashaga guhagarika indirimbo zabo."[58]

Igihe umubiri wa Huse wari umaze gushya burundu, ivu rye n'ubutaka bw'aho ryari riri byararundarunzwe maze bijugunywa mu ruzi rwa Rhine amazi arabitembana bijya mu nyanja. Abamwishe bibwiraga ko baranduye ukuri yari yarabwirije, ariko byabaye iby'ubusa. Ntibigeze batekereza ko iryo vu baroshye

55 Bonnechose, vol.2, p.86
56 Wylie, b.3, ch.7
57 Wylie, b.3, ch.7
58 Idem. b.3, ch.7

mu nyanja uwo munsi ryari kuzaba nk'imbuto ibibwe mu bihugu byose byo ku isi. Ntibari bazi ko mu bihugu byari bitaramenyekana, iyo mbuto yari kuzera amatunda y'abahamya b'ukuri atagira ingano. Ijwi ryumvikaniye mu cyumba cy'urukiko i Constance ryari ryohereje ukwirangira kwari kuzumvikana mu myaka yose yari kuzakurikiraho. Huse yari atakiriho ariko ukuri yazize ntikwari kuzashiraho. Urugero rwo kwizera no gushikama yatanze rwagombaga gukomeza abantu benshi bakazaba indahemuka ku kuri bageze imbere yo gutotezwa ndetse n'urupfu. Urupfu Huse yishwe rweretse isi yose ubugome bukabije bw'itorero ry'i Roma. Nubwo abanzi b'ukuri batari babizi, bamamaje hose ukuri bashakaga gutsemba ariko bikabananira.

Nyamara kandi urundi rumambo rwagombaga gushingwa i Constance. Amaraso y'undi muhamya yagombaga guhamya ukuri. Ubwo Jerome yasezeraga kuri Huse igihe yari agiye kwitaba urukiko, yari yaramwingingiye kugira ubutwari no gushikama, amubwira ko nihagira akaga aza guhura nako ari bumufashe. Amaze kumva ko Huse yashyizwe mu nzu y'imbohe, uwo mwigishwa w'indahemuka yahise yitegura gusohoza isezerano yari yatanze. Aherako afata inzira yerekeza i Constance nta rwandiko rw'inzira afite kandi aherekejwe n'umuntu umwe gusa. Ageze muri uwo mujyi, nibwo yamenye ko yiroshye mu kaga kandi nta nzira yacamo ngo agire icyo akora cyo gukiza Huse. Yahereyeko ahunga uwo mujyi ariko aza gufatirwa mu nzira asubiye iwabo maze abasirikari bamubohesha iminyururu baramugarura. Ubwo bamuhingutsaga mu rukiko, agitangira kugerageza kwisobanura, yasanganijwe urusaku rw'abantu bavuga ngo: "Natwikwe! Natwikwe"[59] Bamujugunye muri kasho ubwo, bamwambika iminyururu mu buryo bumubabaza cyane maze bakajya bamugaburira umugati n'amazi gusa. Hashize amezi make, ubugome yagiriwe afungwa bwamuteje uburwayi bwashegeshe ubuzima bwe, maze abanzi be batangira gutinya ko yabacika, bityo bagerageza kumworohereza umubabaro nubwo yamaze mu nzu y'imbohe umwaka.

Ntabwo urupfu rwa Huse rwarangiye nk'uko abayoboke ba papa bari babyiteze. Kurenga ku rwandiko rwo kumushingana yari afite byabyukije kwivumbagatanya kw'abantu, bityo nk'uburyo bwo gukemura ikibazo neza, aho gutwika Jerome, urukiko rwiyemeje kumuhatira kwisubiraho biramutse bishobotse. Bamuzanye imbere y'iteraniro maze bamuhitishamo kwisubiraho cyangwa gupfa atwitswe. Iyo aza gupfa mu itangira ry'ifungwa rye biba byaramubereye umugisha ubigereranyije n'imibabaro ikomeye yanyuzemo. Ariko noneho ubu ubwo yari atentebutse kubera uburwayi, imibabaro yaterwaga n'aho yari afungiwe, kubabara bitewe no guhangayika no kwibaza ibizakurikiraho, kuba yari yatandukanyijwe n'incuti ze kandi atewe ubwoba n'urupfu rwa Huse, byatumye ubutwari bwa Jerome butezuka maze yemera kumvira abagize urukiko. Yarahiriye ko yemeye kuyoboka ukwemera kw'itorero Gatolika, kandi yemera icyo urukiko rwakoze rucira Wycliffe na Huse urubanza, uretse ibyerekeranye "n'ukuri kuzira inenge" bari barigishije.[60]

Mu gukora ibyo, Jerome yakoze ibishoboka byose kugira ngo acecekeshe ijwi ry'umutimanama kandi akize amagara ye. Ariko ubwo yari mu bwigunge mu kumba yari afungiwemo, yaje gusobanukirwa neza n'ibyo yari yakoze. Yatekereje

59 Bonnechose, vol.I, p.234
60 Bonnechose, vol.2, p.141

ku by'ubutwari n'ubudahemuka bwa Huse, maze asanga bihabanye n'uko we ubwe yihakanye ukuri. Yatekereje ku Mwami we wo mu ijuru yari yararahiriye kuzakorera kandi wihanganiye urupfu rwo ku musaraba ku bwe. Mbere y'uko yisubiraho, ubwo yari mu mibabaro ye, yari yaraboneye guhumurizwa mu byiringiro by'ubuntu bw'Imana; ariko ubu kwicuza no gushidikanya byabuzaga amahoro umutima we. Nuko aza kumenya ko azongera kubazwa na none ibyo kwisubiraho kwe mbere yo kwiyunga n'abayobozi ba Roma. Intambwe yari atangiye gutera yari kuzamugeza ku buhakanyi bwa burundu. Yafashe umwanzuro ko: Atazihakana Umwami we ngo akunde akire imibabaro y'igihe gito.

Ntibyatinze aza kongera guhamagarwa imbere y'urukiko. Imvugo ye yo kwisubiraho ntabwo yari yanyuze abacamanza. Inyota yabo yo kumena amaraso yari yakanguwe n'urupfu rwa Huse, bityo bashakaga kubona n'abandi bica. Jerome ntiyajyaga kurokora ubuzima bwe keretse gusa ahakanye ukuri agatsemba. Nyamara ubu bwo yari yamaze kwiyemeza gushikama ku kwizera kwe maze agatwikwa, bityo akagera ikirenge mu cya mugenzi we wazize kwizera kwe.

Yahakanye ibyo kwisubiraho yari yavuze mbere, bityo nk'umuntu witeguye gupfa, niko gusaba abacamanza akanya ko kwiregura. Kubera gutinya ingaruka z'amagambo ye, abayobozi bakuru b'idini batsimbaraye ku cyifuzo cy'uko yakwemeza cyangwa agahakana ukuri kw'ibyo yaregwaga gusa. Jerome yarwanyije ubwo bugome bukomeye n'akarengane bamugiriye avuga ati: "Mwamfungiye muri gereza iteye ubwoba iminsi magana atatu na mirongo ine, mu myanda ahantu hanuka kandi munyima ibya ngombwa byose nari nkeneye, none munzanye imbere yanyu maze mutega amatwi abanzi banjye bashaka kunyica, njye mwanga kuntega amatwi! ....Niba mu by'ukuri muri abanyabwenge kandi mukaba muri umucyo w'isi, mwitonde mutica ubutabera. Naho jye ndi umuntu upfa woroheje, ubuzima bwanjye bufite agaciro gake; kandi iyo mbinginga ngo mwe guca urwa kibera, simbivuga cyane ku bwanjye nko ku bwanyu."[61]

Amaherezo icyifuzo cye cyarumviwe. Ari imbere y'abamuciraga urubanza, Jerome yarapfukamye maze asaba ko Mwuka Muziranenge yayobora ibitekerezo n'amagambo bye kugira ngo atagira icyo avuga gihabanye n'ukuri cyangwa se kidakwiranye n'Umwami we. Ku bwe uwo munsi hasohojwe amasezerano Imana yahaye abigishwa ba mbere ngo: "Bazabashyira abatware n'abami babampora...Ariko nibabagambanira, ntimuzahagarike umutima w'uko muzavuga, cyangwa ibyo muzavuga, kuko muzabibwirwa muri uwo mwanya; kuko atari mwe muzaba muvuga, ahubwo ni Umwuka wa so uzabavugisha." [62]

Amagambo ya Jerome yateje abamwumva kumirwa no kumutangarira ndetse n'abanzi be. Yari amaze umwaka wose afungiwe muri kasho, adashobora gusoma ndetse no kureba, ababara umubiri kandi mu bitekerezo ahangayitse. Nubwo yari amerewe atyo, ibitekerezo bye yabivuze nta shiti mu buryo bwumvikana kandi abivugana imbaraga nk'utaragize inkomyi yo kwiga. Yibukije abamwumvaga urutonde rurerure rw'abantu b'intungane baciriwe urwo gupfa n'abacamanza

61 -Bonnechose, vol.2, pp.146, 147.
62 Matayo 10:18-20

barenganya. Uko ibihe byagiye biha ibindi hagiye haboneka abantu bagiye bacecekeshwa kandi bagacibwa mu gihe bashakaga uko bagarura umutimanama mu bantu bo mu gihe cyabo, nyamara mu bihe byakurikiyeho, byagiye bigaragara ko bakwiriye kubyubahirwa. Kristo ubwe yaciriwe urw'umugome n'urukiko rwacaga urwa kibera.

Ubwo yisubiragaho, Jerome yari yaremeye urubanza rwaciriwe Huse. Noneho ubu yavuze ibyo kwihana kwe kandi ahamya ko Huse wahowe kwizera kwe yari intungane ndetse n'inzirakarengane. Jerome yaravuze ati: "Namumenye kuva mu bwana bwe. Yari umuntu w'ingenzi, w'imbonera kandi utunganye. Nubwo yarenganaga, yaciriweho iteka ryo gupfa . . . Na jye niteguye gupfa sinzasubira inyuma ngo ntinye imambo zo kwicirwaho urw'agashinyaguro nateguriwe n'abanzi banjye, ndetse n'abanshinja ibinyoma bazasobanura ibibi bakoze umunsi umwe bahagaze imbere y'Imana ikomeye idashobora kugira icyo isobwa."[63]

Mu magambo yo kwigaya kuba yarahakanye ukuri, Jerome yakomeje agira ati: "Mu byaha byanjye byose nakoze kuva mu buto bwanjye, nta na kimwe kindemereye mu ntekerezo kandi ngo kintere kwicuza kuncumita mu mutima nk'icyo nakoreye aha hantu habi ubwo nashyigikiraga urubanza rugoretse rwaciriwe Wycliffe ndetse na Yohana Huse wari intungane kandi wazize kwizera kwe, akaba yari umutware n'incuti yanjye. Ni ukuri! Mbyicujije bivuye ku mutima kandi mvuganye agahinda kenshi ko nacitse intege bikojeje isoni ubwo naciragaho iteka inyigisho zabo mbitewe no gutinya urupfu. Kubw'ibyo, nsabye Imana Ishoborabyose nicishije bugufi ko yambabarira ibyaha byanjye, kandi by'umwihariko ikambabarira iki cyaha kibi cyane mu byo nakoze byose." Yahindukiriye abamuciraga urubanza maze avuga ashize amanga ati: "Mwaciriye Wycliffe na Yohana Huse urubanza mutabahoye kuba baranyeganyeje inyigisho z'itorero, ahubwo kubera ko bashyize ku mugaragaro kandi bakamagana amahano yakorwaga n'abayobozi bakuru b'idini ari yo gukunda iby'isi by'imburamumaro, ubwibone bwabo, ndetse n'ingeso mbi zose z'abayobozi bakuru mu idini n'abapadiri. Nanjye ntekereza kandi mpamya nka bo ibyo bahamije ndetse bidashobora guhakanwa."

Bahise bamuca mu ijambo maze abayobozi bakuru b'idini bari bazabiranyijwe n'uburakari bwinshi baravuga bati: "Mbese hari ikindi gihamya dukeneye? Twiboneye n'amaso yacu umuhakanyi uruta abandi!"

Adatewe ubwoba no kumukangara, Jerome yaravuze ati: "Mwibwira ko ntinya gupfa? Mumaze umwaka wose mumfungiye mu kasho gateye ubwoba kurusha urupfu ubwarwo. Mwankoreye ubugome bukomeye cyane kurusha ubukorerwa Umunyaturukiya, Umuyahudi cyangwa umupagani, kandi umubiri wanjye wakuwe ku magufa ndi muzima. Nyamara sinigera nivovota kubera ko amaganya adakwiriye ku muntu ufite umutima kandi ubabwamo na Mwuka, ariko nta kindi mbasha kugaragaza uretse gutangazwa n'ubugome bwa kinyamaswa nk'ubu bugiriwe Umukristo." [64]

Uburakari bukaze bwongeye kubazabiranya maze Jerome ahita ajyanwa muri gereza. Nyamara muri iryo teraniro harimo abantu bamwe bari bakozwe ku mutima

63 Bonnechose, vol.2, p.151
64 Bonnechose, vol.2, pp.151-153

n'amagambo ya Yoramu kandi bashakaga kumukiza. Yasurwaga n'abakomeye benshi bo mu itorero maze bakamwingingira kumvira abagize urukiko. Bamusezeraniraga ibintu byiza cyane azahabwa nk'ingororano aramutse aretse kurwanya Roma. Ariko nk'uko Umukiza we yabigenje ubwo yasezeranirwaga icyubahiro cy'isi, Yoramu yakomeje gushikama.

Jerome yaravuze ati: "Ngaho nimunyemeze mushingiye mu Byanditswe Byera maze munyereke ko ndi mu makosa, na njye ndayareka."

Umwe mu bamuhataga ibibazo yaravuze ati: "Ibyanditswe Byera! Mbese birahagije kugira ngo bicire umuntu urubanza? Ni nde ubasha kubisobanukirwa kandi itorero ryarabisobanuye?"

Jerome yarasubije ati: "Mbese imigenzo y'abantu ni yo ikwiye kwizerwa kurusha ubutumwa bwiza bw'Umukiza wacu? Ntabwo Pawulo yararikiye abo yandikiye kumvira imigenzo y'abantu, ahubwo yaravuze ati, 'Murondore mu Byanditswe'".

Wa muntu yasubije Jerome ati: "Umuhakanyi! Nicujije kuba namaze igihe kirekire nkwinginga. Ndabona ukoreshwa n'umubi."[65]

Nyuma y'igihe gito, Jerome yaciriwe urwo gupfa. Yarashorewe ajyanwa kwicirwa aho Yohani Huse yatangiye ubuzima bwe. Ubwo yajyanwaga, yagiye aririmba, mu maso he harabagirana ibyishimo n'amahoro. Yari ahanze amaso ye kuri Kristo, kandi ku bwe urupfu ntirwari rukimuteye ubwoba. Igihe uwagombaga kumutwika yazaga inyuma ye agiye gukongeza umuriro, Yoramu waziraga kwizera kwe yamubwije ijwi rirenga ati: "Ngwino udafite igihunga, kongereza umuriro imbere yanjye. Iyaba nagize ubwoba ntabwo mba ndi aha."

Amagambo aheruka yavuze ubwo ibirimi by'umuriro byazamukaga bimutwika yari isengesho. Yatatse agira ati: "Mwami, Data Ushoborabyose, ngirira impuhwe kandi umbabarire ibyaha byanjye; kuko uzi neza ko nakunze ukuri kwawe ibihe byose."[66] Ijwi rye ryaracwekereye, ariko iminwa ye ikomeza kunyeganyega asenga. Ubwo umuriro wari umaze kumukongora, ivu ry'uwo muziranenge n'ubutaka ryari ririho byararundanyijwe, maze rijugunywa mu ruzi rwa Rhine nk'uko irya Huse ryagenjwe.

Uko ni ko abatwaramucyo b'indahemuka ku Mana bapfuye. Ariko umucyo w'ukuri babwirije (umucyo w'urugero rw'ubutwari bwabo) ntiwashoboraga kuzimywa. Nk'uko abantu batashoboraga kubuza izuba gukomeza urugendo rwaryo, ni nako batashoboraga guhagarika umuseke wari utambitse ku isi uwo munsi.

Iyicwa rya Huse ryari ryarakongeje uburakari no gukangarana mu mujyi wa Boheme. Abatuye igihugu bose bari barabonye ko yazize ubugambanyi bw'abapadiri ndetse n'uburiganya bw'umwami w'abami. Yari azwi ho kuba yarabaye umwigisha w'ukuri w'indahemuka, kandi inama yari yaramuciriye urwo gupfa yashinjwaga icyaha cy'ubwicanyi. Noneho inyigisho ze zarushijeho gukundwa kuruta mbere. Papa yari yarategetse ko inyandiko za Wycliffe zitwikwa. Nyamara izari zararokotse iryo twikwa noneho zakuwe aho zari zarahishwe maze zigirwa hamwe na Bibiliya cyangwa ibice bimwe byayo, bitewe n'uko abantu babashaga kubibona. Muri ubwo buryo, abantu benshi bayobowe mu kwemera ukuri kuvuguruwe.

65 Wylie, b.3 ch.10.

66 -Bonnechose, vol.2, p.168]

Abishe Huse ntibumvaga bafite amahoro kuko batifuzaga ko umurimo we ugera ku nsinzi. Papa n'umwami w'abami bunze ubumwe ngo barimbure itsinda ry'abayoboke be. Ingabo za Sigismond zoherejwe gutera i Boheme.

Ariko umurengezi yarahagurutse. Ziska wategekaga i Boheme kandi akaba yari umwe mu basirikari bakuru b'intwali mu gihe cye, yaje kuba impumyi nyuma y'igihe gito intambara itangiye. Kubwo kwiringira gufashwa n'Imana no kuzirikana ubutungane bw'inzira bari barayobotse, abo baturage b'i Boheme bashoboye kwihagararaho batsinda ingabo zikomeye cyane zabateraga. Incuro nyinshi Umwami w'abami yagiye agerageza kohereza izindi ngabo i Boheme ariko zigatsindwa ku buryo bukojeje isoni. Abayoboke ba Huse ntibatinyaga urupfu kandi nta cyajyaga kubahangara. Hashize imyaka mike intambara itangiye, intwari Ziska yarapfuye ariko aza gusimburwa na Procopius wari umusirikari mukuru w'umuhanga kandi w'intwari nka Ziska, ndetse hari bimwe yamurushaga.

Abanzi b'abaturage b'i Boheme bamenye ko wa musirikare w'intwari wari warabaye impumyi yapfuye, bibwira ko babonye akito ko gukora ibyari byarabananiye. Noneho Papa yatangije urugamba rwo kurimbura abayoboke ba Huse, maze nanone ingabo nyinshi zongera gutera i Boheme; ariko zigezeyo ziratsindwa bikomeye. Hongeye gutegekwa ko ikindi gitero kigabwa. Mu bihugu byose by'i Burayi aho ubupapa bwategekega, bakoranyije abantu, bateranya amafaranga n'intwaro z'intambara. Imbaga y'abantu benshi bitabiriye itegeko rya Papa bizeye ko amaherezo iby'abahakanyi bayobotse Huse bigiye kurangira. Ingabo nyinshi zinjiye i Boheme zifite ibyiringiro byo kuhatsinda. Abaturage bishyiriye hamwe kuzirwanya. Iyo mitwe ibiri y'ingabo yarasatiranye kugeza ubwo hagati yayo hasigaye umugezi uzitandukanya. "Izo ngabo zije kurimbura abayoboke ba Huse zari nyinshi cyane kandi zifite ibikoresho bikomeye, ariko aho kugira ngo zirohe mu mugezi maze zambuke zijye kurwanya abayoboke ba Huse, zahagaze hakurya zibatumbira zicecetse."[67]

Uwo mwanya ubwoba budasanzwe bwatashye izo ngabo za papa. Zidashoboye no gukura inkota, izo ngabo zikomeye zatatanye nk'izirukanwe n'imbaraga itagaragara. Abenshi muri bo bicishijwe inkota n'ingabo zo mu bayoboke ba Huse zakurikiye abo bahungaga, ndetse zibanyaga iminyago myinshi ku buryo aho kugira ngo iyo ntambara ikeneshe ab'i Boheme, yarabakungahaje.

Nyuma y'imyaka mike, himye umupapa mushya, maze hongera kugabwa ikindi gitero. Nk'uko byari byaragenze mbere, abantu, amafaranga n'intwaro byakusanyijwe bikuwe mu bihugu by'i Burayi biyoboka Papa. Abantu biyemezaga kujya muri uru rugamba rukaze basezeranirwaga agahimbazamusyi. Umuntu wese ugiye muri iyo ntambara yasezeranirwaga imbabazi z'ibyaha by'indengakamere yabashaga kuzakora. Abagwaga ku rugamba bose basezeranirwaga ingororano ikomeye mu ijuru, kandi abarokokaga bagombaga guhabwa icyubahiro n'ubukungu bakuye ku rugamba. Umutwe munini w'ingabo wongeye kuremwa maze abasirikire bambuka umupaka binjira i Boheme. Ingabo z'abayoboke ba Huse zisubira inyuma kugira ngo zibareke bose binjire mu gihugu, kandi kugira ngo bizere ko batsinze

67 Wylie, b.3, ch.17

urugamba. Amaherezo ingabo za Procopius zarahagaze zihindukirira abanzi babo zitegura kubarwanya. Noneho izo ngabo zibona ko zakoze ikosa, maze zisubira mu nkambi zazo zitegereje kongera gusubira kuri gahunda. Ubwo bumvaga urusaku rw'ingabo zibasatiriye, ndetse bataranabona ingabo z'abayoboke ba Huse, bongeye gutahwa n'ubwoba bwinshi. Ibikomangoma, abasirikare bakuru ndetse n'abato bose bajugunya intwaro zabo maze bakwira imishwaro. Intumwa nkuru ya Papa yari iyoboye icyo gitero yagerageje kwegeranya ingabo ze zatashywe n'ubwoba kandi zatatatanye, ariko biba iby'ubusa. Nubwo yagerageje uko ashoboye, amaherezo nawe ubwe arahunga agenda mu ihururu ry'abahunga. Wa muvurungano wararangiye maze iminyago myinshi yongera kugwa mu maboko y'ingabo z'abayoboke ba Huse.

Uko ni ko ku ncuro ya kabiri, ingabo nyinshi zoherejwe n'ibihugu bikomeye by'i Burayi, ingabo z'intwari, ingabo zimenyereye intambara, zatojwe kandi zari zambariye urugamba, zaje guhunga zitarakura inkota mu rwubati imbere y'abarwaniraga ishyanga rito kandi ryari ritaragwiza imbaraga. Aha ni ho imbaraga y'Imana yigaragarije. Abanzi b'abubahamana batewe n'ubwoba budasanzwe. Uwatsinze ingabo za Farawo mu Nyanja Itukura, uwirukanye ingabo z'Abamidiyani imbere ya Gidiyoni n'abagabo magana atatu bari kumwe nawe, wa wundi watsembye ingabo z'Abasiriya mu ijoro rimwe gusa, niwe na none warambuye ukuboko agwabiza imbaraga z'abarenganyaga abayoboke ba Huse. "Aho ngaho bahagiriye ubwoba bwinshi, ari nta mpamvu; kuko Imana yasandaje amagufwa y'uwagerereje ngo agutere; wabakojeje isoni, kuko Imana yabasuzuguye." Zaburi 53:5.

Abayobozi bagengwa na papa babonye ko badashobora gutsinda bakoresheje imbaraga, amaherezo bifashishije inzira y'umubano mu bya politike. Habayeho ubwumvikane ku buryo aho kugira ngo buheshe abaturage b'i Boheme umudendezo wo gukurikiza umutimana, ahubwo mu by'ukuri byabaye uburyo bwo kubagusha mu mutego w'ubutegetsi bw'i Roma. Abaturage b'i Boheme bari bavuze ingingo enye zikwiye kubahirizwa ngo bagirane amahoro na Roma. Izo ngingo zari izi: kwigisha Bibiliya ku mudendezo, guha abagize itorero bose uburenganzira bwo kurya ku mutsima no kunywa divayi mu gihe cyo guhazwa, gukoresha ururimi kavukire mu gihe cyo kuramya, ndetse no gutandukanya abayobozi b'itorero n'imirimo yose y'ubutegetsi bwa leta; kandi mu gihe habayeho icyaha cyo kwica, ubutabera bukaba bumwe ku bayobozi b'itorero kimwe na rubanda. Amaherezo abayobozi b'ubutegetsi bwa Papa baje "kwemera ko izo ngingo zose enye zisabwa n'abayoboke ba Huse zakwemerwa ariko ko inama nkuru y'itorero ari yo ifite uburenganzira bwo kubisobanura (ni ukuvuga uburenganzira bwo guhamya ubusobanuro bwabyo nyakuri). Mu yandi magambo ubwo burenganzira bukagirwa na papa n'umwami w'abami." [68]

Amasezerano yabayeho ashingiye kuri izi ngingo, maze Roma ikoresheje ubuhendanyi n'uburiganya iba igeze ku cyo itashoboye kugeraho ikoresheje intambara; kuko kubwo gutanga ubusobanuro bw'inyandiko za Huse kimwe na Bibiliya, Roma yashoboraga kugoreka ubusobanuro bwabyo kugira ngo buhuze n'imigambi yayo.

68 *Wylie, b.3, ch.18*

Umubare munini w'Abaturage b'i Boheme babonye ko ayo masezerano agendereye kubangamira umudendezo wabo bityo ntibayemera. Kutumvikana n'amacakubiri byaradutse maze bitera intambara no kumena amaraso hagati mu banyaboheme ubwabo. Muri iyo mirwano igikomangoma Procopius ayigwamo maze umudendezo w'ab'i Boheme uba urarangiye.

Noneho Sigismond wari waragambaniye Huse na Yoramu ni we wabaye umwami w'i Boheme, bityo yirengagije indahiro yo kurengera uburenganzira bw'ab'i Boheme yari yararahiye, maze yongera gushyigikira inyigisho n'imihango by'itorero ry'i Roma. Mu gihe cy'imyaka makumyabiri ubuzima bwe bwabaye ubw'imiruho n'ibyago. Yatakaje ingabo ze kandi umutungo we urayoyoka bitewe n'intambara y'igihe kirekire kandi itarageraga ku nsinzi. Noneho amaze umwaka umwe gusa ku ngoma yarapfuye asiga ubwami bwe bugererejwe n'intambara, abamusimbuye abaraga izina ribi.

Umuvurungano, intambara no kumena amaraso byakomezaga gukwira hose. Ingabo z'abanyamahanga zongeye kwinjira muri Boheme, bityo amacakubiri yari abarimo yakomeje kumunga imbaraga z'igihugu. Habayeho itotezwa rimena amaraso ryibasiye abantu bakomeje kuba indahemuka ku butumwa bwiza.

Nk'uko byagendekeye abavandimwe babo bababanjirije, kugirana amasezerano na Roma byari byarinjije ibinyoma byayo, bityo ibyo bituma abayobotse ukwizera kwa mbere bari barishyize hamwe ubwabo maze bakora itorero ryihariye, bafata izina rivuga ngo, "Abavandimwe Bashyize hamwe." Icyo gikorwa cyabakururiye imivumo iturutse mu bantu b'ingeri zose. Nubwo byagenze bityo, bakomeje gushikama ntibanyeganyezwa. Byabaye ngombwa ko bahungira mu mashyamba no mu buvumo, ariko bagakomeza kujya baterana kugira ngo basome Ijambo ry'Imana ndetse bagafatanya kuyiramya.

Biturutse ku ntumwa boherezaga mu bihugu bitandukanye mu ibanga, baje kumenya ko hirya no hino hari "abemera ukuri batatanye bugarijwe n'itotezwa nkabo, bamwe bari muri uyu mujyi abandi mu wundi; bamenya kandi ko hagati mu misozi ya Alpe hari itorero rya kera rikigendera ku rufatiro rw'Ibyanditswe kandi rirwanya ukwangirika kw'itorero ry'i Roma riyoboka ibigirwamana."[69] Aya makuru yakiranwe ibyishimo byinshi kandi hatangira uburyo bwo koherezanya amakuru hagati yabo n'Abakristo b'Abawalidense.

Abakristo b'i Boheme bashikamye ku butumwa bwiza, bihangana mu ijoro ryo gutotezwa bari barimo, kandi mu isaha y'umwijima w'icuraburindi bakomezaga guhanga amaso yabo imuhero nk'abantu bategereje ko bucya. "Kubaho kwabo kwari kuri mu minsi mibi, ariko ...bibukaga amagambo yabanje kuvugwa na Huse kandi agasubirwamo na Jerome ko mbere y'uko umuseke utambika hagomba gushira ikinyejana. Ku bayoboke ba Huse, ayo magambo yababereye nk'icyo amagambo ya Yozefu yamariye urubyaro rwa Yakobo ubwo bari bari mu Misiri maze akavuga ati: 'Ngiye gupfa: ariko Imana ntizabura kubagenderera, ikabakura muri iki gihugu.'"[70] Imyaka iheruka y'ikinyejana cya cumi na gatanu yaranzwe no kwiyongera nyako ariko kwagendaga buhoro kw'amatorero y'"Abavandimwe bashyize hamwe.'

69 *Wylie, b.3, ch.19*

70 Itangiriro 50:24; Wylie, b.3, ch.19."

Nubwo bataburaga kugirirwa nabi, ntibyababujije kwishimira kumva baruhutse. Mu itangira ry'ikinyejana cya cumi na gatandatu, amatorero yabo yageraga kuri magana abiri mu mujyi wa Boheme no muri Moravia."[71]

"Uko ni ko umubare munini w'abarokotse kwicwa batwitswe cyangwa kwicishwa inkota babashije kubona umuseke wa wa munsi Huse yari yaravuze."[72]

IGICE CYA 7

LUTERI YITANDUKANYA NA ROMA.

Mu bari barahamagariwe kuyobora itorero ngo rive mu mwijima w'inyigisho n'imigenzo z'itorero ry'i Roma bityo rijye mu mucyo wo kwizera nyakuri, uw'ikubitiro yari Maritini Luteri. Yari umunyamurava, akagira ishyaka no kwitanga, ntiyagiraga icyo atinya uretse Imana kandi nta rundi rufatiro rwo kwizera yagiraga uretse Ibyanditswe Byera. Luteri yari umuntu ukwiriye wo mu gihe cye. Imana yamukoresheje umurimo ukomeye wo kuvugurura itorero ndetse no kumurikira abatuye isi.

Nk'uko byari biri ku nteguza z'ubutumwa bwiza za mbere, Luteri yakomotse mu muryango w'abakene. Imyaka y'ubuto bwe yayimaze mu rugo rw'umuhinzi w'Umudage wari woroheje. Kubw'umurimo wo gucukura amabuye y'agaciro se yakoraga buri munsi, byamubashishije kubona uburyo bwo kumurihira ishuri. Se yifuzaga ko umwana we yazaba umunyamategeko uburanira abandi, ariko Imana yari imufitiye undi mugambi wo kuba umwubatsi w'itorero rikomeye ryakuraga buhoro buhoro mu binyejana byinshi. Umurimo uruhije no kubaho mu bukene, ndetse n'ikinyabupfura kidakebakeba ni byo byabaye ishuri Nyir'ubwenge butagerwa yateguriyemo Luteri kuzakora umurimo w'ingenzi mu buzima bwe.

Se wa Luteri yari umugabo ufite ubwenge bwinshi kandi ubukoresha cyane, yari afite imico itajegajega, inyangamugayo, umuntu wiyemeza kandi udakebakeba. Ibyo yemeraga nk'inshingano ye yabigenderagamo atitaye ku ngaruka izo ari zo zose zamubaho. Kuba yarashyiraga mu gaciro ku rwego rwo hejuru byamuteye kuzinukwa imikorere y'ibigo abapadiri n'abandi bihaye Imana babamo. Ntiyashimishijwe no kubona Luteri yinjira muri ibyo bigo atabimwemereye kandi baje kwiyunga hashize imyaka ibiri atari yahindura igitekerezo cye.

Ababyeyi ba Luteri bitaga cyane ku burere bw'abana babo. Bihatiraga kubigisha iby'Imana ndetse no kugira imikorere irangwa n'imico ya Gikristo. Luteri yagiye kenshi yumva se asaba Imana ngo umwana azajye yibuka izina ry'Uhoraho kandi ngo umunsi umwe azabashe gufasha mu iterambere ry'ukuri Kwe. Abo babyeyi bakoreshaga uburyo bwose babonye maze bagateza imbere mu buryo bukomeye

71 Ezra Hall Gillett, Life and Times of John Huss, vol.2, p.570.

72 -Wylie, b.3,ch.19.

iby'imico mbonera cyangwa iby'ubwenge bungukiraga mu mibereho yabo iruhije. Ntacyo batakoraga bihanganye kugira ngo bategurire abana babo kugira imibereho itunganye n'ingirakamaro. Kubw'imico yabo ishikamye kandi ifite imbaraga, rimwe na rimwe abo babyeyi bageraga ubwo bakoresha ubukana, ariko nubwo Luteri ubwe yari azi neza ko abo babyeyi hari ingingo zimwe bari barayobyeho, mu byo bamutozaga yabonagamo byinshi yemera biruta ibyo atemeraga.

Ku ishuri yoherejweho akiri umwana muto, Luteri yahafatiwe nabi ndetse akanahohoterwa. Ubukene bw'ababyeyi be bwari bukabije cyane ku buryo ubwo yavaga iwabo akajya ku ishuri mu wundi mujyi, hari igihe byabaye ngombwa ko kugira ngo abone ibyo kurya yajyaga aririmbira abantu ava ku rugo ajya ku rundi, ndetse akenshi inzara ikamumerera nabi. Imitekerereze mu by'iyobokamana yarangwaga n'umwijima n'iby'ubupfumu yari yarabaye gikwira muri icyo gihe yamuteraga ubwoba. Nijoro yashoboraga kujya kuryama yuzuye agahinda mu mutima, akareba ahazaza hijimye ahinda umushyitsi ndetse agahorana ubwoba atewe no gutekereza ko Imana ari umucamanza w'intavumera, utagira impuhwe n'umugome ukaze aho kuba Umubyeyi w'umunyebambe wo mu ijuru.

Nyamara muri uko gucibwa intege n'ibintu byinshi kandi bikomeye, Luteri yakomeje guhatana ngo agere ku rugero rwo hejuru rw'imico iboneye n'ubuhanga buhanitse umutima we wari urangamiye. Yari afite inyota yo kumenya kandi intekerezo ze zidakebakeba zamuteye kwifuza ibikomeye kandi by'ingirakamaro mu mwanya wo gushaka ibigaragarira amaso kandi bitimbitse.

Ubwo yari amaze imyaka cumi n'umunani y'ubukuru, yinjiye muri kaminuza y'i Erfurt, imibereho ye irushaho kuba myiza kandi noneho akabona ahazaza he ari heza kurusha mu buto bwe. Kubera gucunga neza umutungo wabo no gukora cyane, ababyeyi be bari baragize ubushobozi bityo babasha kumuha ubufasha akeneye bwose. Byongeye kandi kugira incuti nziza byari byaragabanyije ibikomere yatewe n'ubuzima bubi yagize mu myigire ye ya mbere y'icyo gihe. Yitangiye kwiga cyane iby'abanditsi b'ibirangirire, agaha agaciro ibitekerezo byabo bihanitse kandi ubwenge bw'abahanga nawe abugira ubwe. Kugira ubwenge buzi gufata, imitekerereze myiza, ubushobozi bukomeye bwo gusesengura ndetse no kwiga adacogora bidatinze byatumye aba umunyeshuri wo ku rwego rwa mbere muri bagenzi be. Ikinyabupfura yaboneye mu ishuri cyakujije ubushobozi bwe gushyira mu gaciro kandi bizamura imikorere y'intekerezo ze n'imyumvire myiza byamuteguriraga intambara azarwana mu buzima bwe.

Gutinya Imana byabaga mu mutima wa Luteri, bikamubashisha ku gukomera ku kutadohoka ku migambi kwe kandi bikamutera kwicisha bugufi kwimbitse imbere y'Imana. Yahoraga yumva yishingikirije ku bufasha mvajuru, kandi ntiyigeraga yibagirwa gutangira umunsi adasenze. Uko umutima we wateraga niko yasabaga kuyoborwa no kunganirwa n'Imana. Akenshi yaravugaga ati: "Gusenga neza bifite agaciro karuta kimwe cya kabiri cyo kwiga."[73]

Umunsi umwe ubwo yarebaga ibitabo byo mu nzu y'isomero, Luteri yaje kubona Bibiliya yanditswe mu Kiratini. Ntabwo yari yarigeze kubona igitabo nk'icyo. Nta nubwo yari azi ko kinabaho. Yari yarumvise ibice by'Ubutumwa bwiza n'Inzandiko

73 D'Aubigné, b.2, ch.2

byasomerwaga abantu mu materaniro yo gusenga bityo akibwira ko ibyo bice ari Bibiliya yuzuye. Ubwo noneho nibwo bwari ubwa mbere abona Ijambo ry'Imana ryose. Yabumbuye izo mpapuro zera afite ubwoba buvanze no gutangara cyane; yisomeye amagambo y'ubugingo abishishikariye, umutima utera cyane, akageza aho agatururukwa maze akavuga ati: "Yo! Icyampa Imana ikampa igitabo nk'iki kikaba icyanjye bwite!"[74]

Abamarayika bo mu ijuru bari bamuri iruhande, kandi umucyo uvuye ku ntebe y'ubwami y'Imana wahishuriye intekerezo ze ubutunzi bw'ukuri. Yari yaragiye atinya gucumura ku Mana, ariko ubwo bwo gusobanukirwa byimbitse n'uko ateye nk'umunyabyaha byarushijeho kumuhangayikisha kuruta uko byamubagaho mbere hose.

Amaherezo icyifuzo gikomeye cyo kubaturwa mu cyaha no kubana amahoro n'Imana cyamuteye kujya kuba mu kigo cy'abihaye Imana maze ubuzima bwe abwegurira kuba muri ibyo bigo. Muri icyo kigo yasabwe kujya akora imirimo mibi iruhije cyane ndetse no kujya asabiriza ava mu rugo rumwe ajya ku rundi. Yari ageze mu kigero umuntu yumva ashaka cyane kubahwa no kwitabwaho, bityo iyo mirimo imucisha bugufi yumvaga imukoza isoni ariko arabyihanganira, yiringira ko ari byo bimukwiriye kubera ibyaha bye.

Umwanya wose washoboraga gusaguka amaze gukora inshingano ze za buri munsi yawukoreshaga yiga, akigomwa ibitotsi, ndetse akagabanya no ku gihe cye cyo kurya. Yishimiraga cyane gusoma Ijambo ry'Imana kuruta ibindi byose. Yari yarabonye Bibiliya imanikishijwe umunyururu ku rusika rw'inzu babagamo, bityo akajya ajya aho iri kenshi kugira ngo ayisome. Uko umutima we warushagaho kumwemeza ibyaha bye, yashakaga uko yagirirwa imbabazi kandi akabona amahoro kubw'imirimo ye. Niko kwiyegurira imibereho iruhije cyane agaharanira gutsinda ibibi byo muri kamere ye, imibereho yo mu kigo cy'abihaye Imana itari yaramuruhuye. Yakoreshaga kwiyiriza ubusa, kudasinzira no kwibabaza. Ntiyabuze gukora icyo ari cyo cyose cyamugeza kuri kwa kubonera k'umutima kwari kumubashisha guhagarara imbere y'Imana yemewe. Nyuma y'aho yaje kuvuga ati: "Nari uwihaye Imana wamaramaje kandi nakurikizaga amategeko y'ibyo nemera bikomeye cyane birenze uko nabasha gusobanura. Haramutse habayeho uwihaye Imana ubasha guheshwa ijuru n'ibikorwa bye, nagombye kuba ari njye urikwiriye ...Iyo iyo mibereho iza gukomeza igihe kirekire, mba narakomeje kwibabaza ndetse nkageza n'ubwo mpfa." [75]

Ingaruka z'iyo mibereho yo kwibabaza yabaye gutakaza imbaraga z'umubiri maze arwara indwara yo kujya agwa amarabira bityo bimugiraho ingaruka atigeze akira burundu mu buzima bwe. Nyamara muri uwo muhati we wose umutima we wari uremerewe ntiwabashije kugira ihumure. Amaherezo yaje kugera aho abura ibyiringiro.

Ubwo byagaragaraga ko Luteri yatakaje ibyiringiro byose nibwo Imana yamwohererereje incuti yo kumufasha. Staupitz (Sitopitsi) wari waramaramaje niwe wafunguriye intekerezo za Luteri Ijambo ry'Imana, maze amusaba kureka

74 D'Aubigné, b.2, ch.2

75 D'Aubigné, b.2, ch.3

kwirebaho ubwe, akareka gukomeza kugira inkeke y'igihano kidashira kizaterwa no kwica amategeko y'Imana, ahubwo agahanga amaso Yesu, Umukiza we ububabarira ibyaha. Yaramubwiye ati: "Aho kwibabaza wiziza ibyaha byawe, ishyire mu maboko y'Umucunguzi. Mwiringire, wiringire ubutungane bw'imibereho ye ndetse n'urupfu rwe rukuraho ibyaha. Tegera amatwi Umwana w'Imana. Yahindutse umuntu kubwo kuguhesha ubwishingizi bw'ijuru." "Mukunde kuko ari we wabanje kugukunda."[76]
Uko niko intumwa yuje imbabazi yavuze. Amagambo ya Staupitz yakabakabye umutima n'ibitekerezo bya Luteri. Nyuma y'igihe arwana n'amakosa yari yaragundiriye, igihe kirekire, Luteri yabashije kwakira ukuri kandi amahoro ataha mu mutima we wari wihebye.

Luteri yerejwe kuba umupadiri maze ahamagarirwa kuva muri icyo kigo cy'abihaye Imana akajya kwigisha muri Kaminuza ya Wittenberg. Muri iyo kaminuza yahigiye Ibyanditswe ashyizeho umwete, Ibyanditswe byari biri mu ndimi z'umwimerere. Yatangiye kwigisha kuri Bibiliya bityo igitabo cya Zaburi, Ubutumwa bwiza bune ndetse n'Inzandiko bisobanurirwa imbaga y'abantu babaga bishimiye kumutega amatwi. Incuti ye Staupitz wanamurutaga mu myaka, yamusabye kuzamuka akajya ku ruhimbi maze akaba ariho abwiririza Ijambo ry'Imana. Luteri yarashidikanyije abitewe no kumva adakwiriye kubwira abantu mu cyimbo cya Kristo. Hashize igihe kirekire arwana n'icyo gitekerezo nibwo yaje kwemera ibyifuzo by'incuti ze. Yari yaramaze kuba umuntu usobanukiwe Ibyanditswe cyane kandi ubuntu bw'Imana bwababaga kuri we. Kuba intyoza kwe kwakururaga abababaga bamuteze amatwi, kandi uko yigishanyaga ukuri imbaraga no mu buryo bwumvikana byemezaga intekerezo kandi umurava we wakoraga ku mitima yabo.

Luteri yari umuntu ushimwa n'itorero ryayoborwaga na Papa kandi ntiyatekerezaga kuzaba ikindi kitari icyo yari cyo muri icyo gihe. Kubw'ubuntu bw'Imana yaje kugambirira gusura i Roma. Urwo rugendo rwe yarukoze n'amaguru, akagenda acumbika mu mu bigo by'abapadiri byari aho yanyuraga. Ubwo yari mu kigo cy'abapadiri mu Butaliyani, yaje gutangazwa n'ubukungu, ubwiza ndetse no kwaya umutungo yahabonye. Kubera guhabwa ku butunzi bw'umwami, abihaye Imana baho babaga mu mazu arimbishijwe cyane, bakambara imyenda ya gikire kandi ihenze cyane ndetse bakarya ibyokurya bihenze. Luteri yagereranyije ibyo yabonaga n'imibereho ye yo kwitanga, umuruho n'agahinda, bimubera urujijo.

Nyuma yaje kwitegereza uwo mujyi wubatswe ku dusozi turindwi agira ikiniga, nuko apfukama hasi maze avuga n'ijwi rirenga ati: "Roma ntagatifu! Ndakuramutsa!" [77]
Yinjiye muri uwo mujyi, asura za kiriziya, akajya ategera amatwi ibitekerezo bitangaje byasubirwagamo n'abapadiri n'abandi bihaye Imana, kandi nawe agakora imihango yose yasabwaga gukora. Aho yajyaga hose, ibyo yabonaga byaramutangazaga kandi bikamubabaza. Yabonye ko inzego zose z'abihaye Imana zarangwagamo gukiranirwa. Yumvise inzenya z'urukozasoni zavugwaga n'abayobozi bakuru mu by'idini maze aterwa ubwoba no kutubaha ibyera kwabo ndetse bakabikora no mu misa. Yaranditse ati: "Ntawe ubasha gutekereza ibyaha ndetse

76 D'Aubigné, b.2, ch.4.

77 D'Aubigné, b.2, ch.4

n'ibikorwa biteye isoni bikorerwa i Roma. Wabyemezwa n'uko ubyiboneye kandi ubyiyumviye. Bakunze kuvuga ngo: 'Niba koko gihenomu ibaho, Roma iyubatse hejuru: Ni inyenga iturukamo ibyaha by'uburyo bwose.'" [78]

Papa yari amaze igihe gito aciye iteka risezeranira imbabazi z'ibyaha abantu bose bajyaga kugenza amavi bazamuka ingazi zitiriwe Pilato[79]. Bavugaga ko ubwo Umukiza wacu yari avuye gucirirwa urubanza mu cyumba cy'urukiko rw'Abanyaroma yamanutse izo ngazi kandi ko mu buryo bw'igitangaza, izo ngazi zavuye i Yerusalemu zikazanwa i Roma. Umunsi umwe ubwo Luteri yuriraga izo ngazi apfukamye abishishikariye, yatunguwe n'ijwi nk'iry'inkuba ihinda rivuga riti: "Umukiranutsi azabeshwaho no kwizera." (Abaroma 1:17). Kubw'ikimwaro n'ubwoba, yahereyeko arahaguruka maze ava aho yihuta. Ntabwo yongeye na gato kwibagirwa iryo somo. Kuva ubwo yasobanukiwe neza no kwishuka kuri ku kwishingikiriza ku mirimo y'umuntu ngo imuheshe agakiza, ndetse anasobanukirwa n'uburyo ari ngombwa guhora umuntu yizeye ibyo Kristo yakoze. Amaso ye yari yahumutse ubutazongera guhuma ngo ananirwe kubona ubuyobe buri mu nyigisho z'ubupapa. Ubwo yarekaga guhanga amaso ye i Roma, yari yanahindukiye mu mutima, kandi kuva icyo gihe kwitandukanya na Roma byarushijeho gukura kugeza ubwo yitandukanyije burundu n'Itorero ry' i Roma.

Nyuma yo kuva i Roma, Luteri yaherewe impamyabushobozi y'ikirenga mu byerekeye Imana muri kaminuza ya Wittenberg. Ubu noneho mu buryo butandukanye na mbere, yari afite umudendezo wo kwirundurira mu kwiga Ibyanditswe yakundaga. Yari yararahiriye ko mu minsi y'ubuzima bwe bwose azajya yiga Ijambo ry'Imana yitonze kandi akaryigisha uko riri, atari ukwigisha imigani n'inyigisho by'abapapa. Ntabwo yari akiri uwihaye Imana cyangwa umwarimu usanzwe ahubwo yari umwigisha wa Bibiliya ubifitiye uburenganzira. Yari yarahamagariwe kuba umushumba wo kuragira umukumbi w'Imana wari ufitiye ukuri inzara n'inyota. Yavuze ashimikiriye ko Abakristo badakwiriye kwemera izindi nyigisho uretse izishingiye ku Byanditswe Byera. Ayo magambo yahamyaga rwose ku rufatiro rw'inyigisho z'ubutware bwa papa. Ayo magambo kandi yarimo ipfundo ry'Ubugorozi.

Luteri yabonaga akaga kazanwa no gufata inyigisho z'abantu ukazirutisha Ijambo ry'Imana. Yajoraga ibitekerezo bidafite ishingiro by'abigisha kandi akarwanya ubucurabwenge n'iby'iyobokamana byose byari bimaze igihe kirekire biyobora abantu. Yarwanyije izo nyigisho avuga ko uretse no kuba zidafite agaciro ziranangiza. Yagerageje gukura intekerezo z'abamutegaga amatwi ku mitekerereze iyobya y'abacurabwenge n'abigisha iyobokamana maze azerekeza ku kuri guhoraho kwavuzwe n'abahanuzi n'intumwa.

Ubutumwa yavugaga bwari bufite agaciro gakomeye ku mbaga y'ababaga bamuteze amatwi bafite amatsiko menshi. Nti bari barigeze kumva inyigisho nk'izo mbere. Inkuru ishimishije y'urukundo rw'Umukiza n'ubwishingizi bwo kubabarirwa no kugira amahoro kubw'amaraso ye akuraho ibyaha, byanejeje imitima yabo kandi bibatera ibyiringiro bihoraho. Umucyo wari umaze kumurika i Wittenberg kandi

78 D'Aubigné, b.2, ch.6

79 "Pilate's Staircase"

imirasire yawo yagombaga gukwira mu turere tw'isi twa kure, ndetse kurabagirana kwawo kukiyongera kuzageza ku iherezo ry'ibihe.

Nyamara umucyo n'umwijima ntibishobora kumvikana. Hagati y'ukuri n'ikinyoma hari intambara idashobora guhagarikwa. Gukomera kuri kimwe no kugishyigikira ni ugushotora ikindi no kugisenya. Umukiza wacu ubwe yaravuze ati: "Mwe gutekereza ko nazanywe no kuzana amahoro mu isi: sinaje kuzana amahoro, ahubwo naje kuzana inkota."[80] Nyuma y'imyaka mike ubugorozi butangiye Luteri yaje kuvuga ati: "Ntabwo Imana inyobora gusa ahubwo iranansunika ngo njye mbere. Iranjyana. Ntabwo nitegeka. Nifuza kwibera mu mahoro ntuje ariko hari imbaraga injyana ikanshyira mu mivurungano hagati no mu ihinduramatwara."[81]
Noneho Luteri yari hafi guhatirwa kujya mu ntambara.

Itorero ry'i Roma ryagurishaga ubuntu bw'Imana. "Ameza y'abavunjaga"[82] yahoraga ateguwe iruhande rwa za alitari zaryo kandi ahazengurutse hose humvikanaga urusaku rw'abagura n'abagurisha. Kubwo gushaka gukusanya umutungo kugira ngo i Roma hubakwe Kiriziya ya Mutagatifu Petero, Papa yatanze uburenganzira bwo kugurisha imbabazi z'ibyaha ku mugaragaro. Ingoro yo gusengeramo Imana yagombaga kubakwa n'ibiguzi by'imbabazi z'icyaha- ibuye nsanganyarukuta ryashinzwe hakoreshejwe ibiguzi byo gukiranirwa! Nyamara ubwo buryo bwakoreshejwe kugira ngo Roma ihabwe isumbwe, bwahungabanyije cyane imbaraga zayo no gukomera kwayo. Ubwo buryo nibwo bwateye abarwanyaga ubutware bwa papa guhaguruka biyemeje kandi bagamije insinzi, ndetse bishoza urugamba rwanyeganyeje intebe y'ubwami bwa papa ndetse n'ikamba ryo ku mutwe we.

Uwatoranyirijwe kuyobora igurishwa ry'imbabazi z'ibyaha mu Budage ni uwitwa Tetzel. Yahamwaga n'ibyaha bikomeye cyane yari yarakoreye abantu ndetse n'amategeko y'Imana. Ariko kuko yari yarabashije gusimbuka igihano cy'ibyo byaha bye, yaje gukoreshwa mu gushyira mu bikorwa imishinga igamije inyungu kandi itagira ikindi yitaho ya Papa. Yavugaga ashize amanga maze akabasubiriramo ibinyoma kandi akavuga imigani mihimbano itangaje kugira ngo ajijishe abantu badasonukiwe n'abatwarwa badasesenguye. Iyo abo bantu bajya kugira Ijambo ry'Imana, ntibajyaga gushukwa bene ako kageni. Ariko bari baranyazwe Bibiliya kugira ngo bagume mu maboko y'ubutegetsi bwa Papa, no kugira ngo ubutware ndetse n'ubutunzi bw'ubwo butegetsi bigwire. [83]

Igihe Tetzel yinjiraga mu mujyi, hari intumwa yamubanzirizaga ikagenda ivuga iti: "Ubuntu bw'Imana n'ubw'umubyeyi uzira inenge buri ku marembo yanyu."[84]
Bityo rubanda rwakiraga uwo watukaga Imana agafatwa nk'aho ari Imana ubwayo ibasanze imanutse iva mu ijuru. Ubwo bucuruzi bubi bwakorerwaga mu rusengero, kandi Tetzel akazamuka ku ruhimbi (aritari), maze akamamaza impapuro zihesha imbabazi z'ibyaha (indurugensiya) nk'impano y'agatangaza itangwa n'Imana. Yavugaga ko kubw'ibyo byemezo bihesha imbabazi yatangaga, ibyaha byose

80 Matayo 10:34

81 D'Aubigné, b.5, ch.2

82 Matayo 21:12

83 John C.L. Gieseler, *A Compendium of Ecclesiastical History*, per.4, sec.I, par.5.

84 D'Aubigné, b.3, ch.1

uwaguraga icyo cyemezo yari kuzifuza gukora nyuma y'aho yari kuzabibabarirwa kandi ko no "kwicuza atari ngombwa kubera icyo cyemezo." [85]

Ikirenze ibyo, yemezaga abamuteze amatwi ko icyemezo cy'imbabazi z'ibyaha (indurugensiya) kidafite ububasha bwo gukiza abazima gusa ahubwo n'abapfuye; kandi ko iyo amafaranga ageze mu ndiba y'isandugu ye, umwuka w'ubugingo bw'uwo muntu uguriwe imbabazi uhita uva muri purigatori maze ukajya mu ijuru.[86]

Igihe Simoni Magus wari umupfumu yasabaga intumwa kumugurisha ububasha bwo gukora ibitangaza, Petero yaramusubije ati: "Pfana ifeza yawe, kuko wagize ngo impano y'Imana iboneshwa ifeza."[87] Nyamara abantu uduhumbagiza bakiranaga ibyishimo byinshi ibyo Tetzel yabararikiraga kugura. Izahabu n'ifeza byisukiranyije mu bubiko bwe. Agakiza kagombaga kugurwa amafaranga kabonekaga mu buryo bworoshye cyane kuruta agasaba kwihana, kwizera ndetse no guharanira kurwanya no gutsinda icyaha.

Inyigisho zishyigikiye ibyemezo biheshsa imbabazi (indurugensiya) zarwanyijwe mu itorero ry'i Roma n'abantu bize kandi b'inyangamugayo; kandi harimo benshi batizeraga ibyavugwaga byari bihabanye n'imitekerereze itunganye ndetse n'Ibyahishuwe. Nta n'umwe mu bayobozi bakuru mu itorero watinyutse kwamagana ubwo bucuruzi bwanduye, ariko intekerezo z'abantu zari zitangiye kunanirwa no kwivovota ndetse abenshi bibazaga cyane niba Imana itagira abantu bamwe ikoreramo kugira ngo itorero ryayo ritunganywe.

Nubwo Luteri yari akiri umuyoboke wa papa wo mu rwego rukomeye, yababajwe cyane n'ibyavugwaga bitukisha Imana by'abo bagurishaga imbabazi z'ibyaha. Abantu benshi bo mu kiriziya yayoboraga bari baramaze kugura ibyo byemezo by'imbabazi, maze bidatinze batangira kujya baza kwicuza ibyaha byabo bitari bimwe ku mushumba wabo bibwira ko bari bubabarirwe bidatewe n'uko bihanaga kandi bakaba bifuza kwivugurura ahubwo bitewe n'icyemezo kibahesha imbabazi (indurugensiya). Luteri yanze kubaha imbabazi ndetse anababurira ababwira ko bazarimbukira mu byaha byabo nibatihana ngo bahindure imibereho yabo. Bagize guhangayika gukomeye maze bahindukirira Tetzel bivovota bavuga ko umupadiri wabo bicuzaho ibyaha yanze ibyemezo bihesha imbabazi yabahaye; bityo bamwe bashira amanga basaba ko basubizwa amafaranga yabo. Tetzel yazabiranyijwe n'uburakari. Yavuze imivumo iteye ubwoba, ategeka ko imiriro icanwa ku karubanda, kandi avuga ko "yahawe uburenganzira na Papa bwo gutwika abazahakana bose bakarwanya inzandiko zera zihesha imbabazi z'ibyaha." [88]

Noneho Luteri yinjira mu murimo ashize amanga nk'umuntu urwanirira ukuri. Ijwi rye ryumvikaniye ku ruhimbi mu muburo ukomeye. Yagaragarije abantu imiterere mibi y'icyaha, kandi abigisha ko umuntu atashobora koroshya igishinja giterwa n'icyaha cyangwa ngo acike igihano cy'ibyaha binyuze mu bikorwa bye. Nta kindi kintu icyo ari cyo cyose cyabasha gukiza umunyabyaha uretse kwihana imbere y'Imana no kwizera Yesu Kristo. Ntabwo ubuntu bwa Kristo bubasha

85 D'Aubigné, b.3, ch.1

86 K.R.Hagenbach, History of the Reformation, vol.1,p.96.

87 Ibyakozwe n'intumwa 8:20

88 D'Aubigné, b.3,ch.4

kugurwa. Ni impano itangirwa ubuntu. Luteri yagiriye abantu inama ngo be kugura ibyemezo bihesha imbabazi z'ibyaha (indurugensiya), ahubwo yababwiye guhanga amaso Umukiza wabambwe bafite kwizera. Yabatekerereje ibyamubayeho bibabaje ubwo yashakaga kugera ku gakiza akoresheje kwicisha bugufi no kwibabaza ariko bikaba iby'ubusa. Yahamirije ababaga bamuteze amatwi ko icyamuhesheje amahoro n'ibyishimo ari ukureka kwitegaho amakiriro ahubwo akizera Kristo.

Uko Tetzel yakomezaga ubucuruzi bwe n'imigambi ye mibi, Luteri nawe yiyemeje kurwanya ashikamye ibyo bikorwa bibi. Bidatinze hari icyabayeho. Kiriziya nini y'i Wittemberg yabagamo imibiri y'abatagatifu n'abazize kwizera kwabo ndetse n'ibindi bikoresho bijyana nabyo byabikwaga kandi bikubahwa nk'urwibutso. Ibyo byerekwaga abantu ku minsi mikuru mitagatifu imwe, maze abantu bose bazaga gusura iyo kiriziya muri icyo gihe bakicuza bagahabwa imbabazi z'ibyaha mu buryo bwuzuye. Kubera iyo minsi kandi abantu bazaga aho ari benshi cyane bavuye imihanda yose. Umunsi umwe ukomeye cyane muri iyo ari wo wari umunsi mukuru w'abatagatifu bose wari wegereje. Ku munsi wawubanjirije Luteri yajyanye n'imbaga y'abantu bari batangiye kuza kuri iyo kiriziya maze amanika ku rugi rwayo urupapuro rwanditsweho ingingo mirongo cyenda n'eshanu zirwanya inyigisho ivuga iby'ibyemezo bihesha imbabazi z'ibyaha (indurugensiya). Yavuze ko yiteguye guzasobanura ashyigikira izo ngingo ku munsi wari gukurikiraho muri kaminuza, akanyomoza abantu bose bari guhangara kuzirwanya.

Izo ngingo ze zakuruye intekerezo z'abantu muri rusange. Barazisomye bakongera kuzisoma kandi aho banyuze hose bakagenda bazisubiramo. Habayeho gukanguka gukomeye muri kaminuza ndetse no mu mujyi wose. Izo ngingo shingiro zagaragaje ko ububasha bwo kubabarira ibyaha no gukuraho igihano cyabyo butigeze buhabwa Papa cyangwa undi muntu uwo ari we wese. Iyo gahunda yabo yose yari uburiganya, -abibara nk'uburyo bwo kwaka abantu amafaranga bashingiye ku kwizera kw'abantu kuzuye ubwoba n'ubujiji, akaba ari n'uburyo Satani akoresha kugira ngo arimbure ubugingo bw'abantu bose babasha kwizera ibinyoma bye. Yerekanye neza kandi ko Ubutumwa bwiza bwa Kristo ari bwo butunzi buruta ubundi itorero rifite, kandi ko ubuntu bw'Imana bwahishuriwe muri ubwo butumwa buhererwa ubuntu abantu bose babushakisha kwihana no kwizera.

Ingingo shingiro za Luteri zatezaga impaka ariko nta muntu n'umwe watinyutse kuzana ingingo izirwanya. Mu minsi mike ibibazo izo ngingo yatanze zari zimaze gukwira mu gihugu cy'Ubudage cyose, kandi mu byumweru bike gusa zari zimaze kugera aharangaga Ubukristo hose. Abantu benshi bakundaga itorero ry'i Roma bari barabonye kandi bababazwa n'amarorerwa akomeye yari yarahawe icyicaro mu itorero nyamara ntibamenye uko bayahagarika. Basomye izo ngingo bafite ibyishimo byinshi bazibonamo ijwi ry'Imana rizivugiramo. Babonye ko kubw'ubuntu bwe Umukiza yarambuye ukuboko kugira ngo ahagarike amatwara y'ubuhendanyi yakomezaga kwiyongera aturutse i Roma. Ibikomangoma n'abanyamategeko banezerewe mu ibanga ko hari habonetse ikirogoya ubwo butegetsi bwarangwaga n'ubwirasi butemeraga uburenganzira bwo kujuririra imyanzuro bwafashe.

Ariko abantu benshi bari barabaswe n'icyaha no kwizera iby'ubupfumu ubwo babonaga ko ibyo bizeraga by'ibinyoma kandi byari byarabamaze ubwoba bishenywe, bagize ubwoba. Indyarya z'abayobozi b'idini zimaze kubona ko

zirogowe mu murimo wazo wo guha intebe icyaha kandi babonye inyungu zabo zibangamiwe, bagize uburakari bukabije maze bishyira hamwe kugira ngo bashyigikire inyigisho zabo. Luteri yagize abamurega benshi yagombaga guhangana nabo. Bamwe bamureze guhubuka no gukora atabitekerejeho. Abandi bamurega ko atizera, bakavuga ko atayobowe n'Imana, ahubwo ko yakoreshwaga n'ubwibone no kurarikira. Yarasubizaga ati: " Ni nde utazi ko bitajya bishoboka ko hari umuntu uzana igitekerezo gishya maze ntagaragare ko afite ubwibone, kandi ntaregwe guteza impaka?...Kuki Kristo n'abahowe kwizera kwabo bose bishwe? Byatewe n'uko basaga n'abirasi basuzugura ubwenge bwariho muri icyo gihe, ndetse n'uko bazanaga amatwara mashya batabanje kwicisha bugufi ngo bagishe abazi ubwenge bwo mu bihe byashize."

Yongeye kuvuga ati: "Ibyo nkora byose bizakorwa, atari kubw'ubushishozi bw'abantu ahubwo ari kubwo inama y'Imana. Niba uyu murimo ari uw'Imana, ni nde uzawuhagarika? Niba atari uwayo, ni nde ubasha kuwukomeza? Si ubushake bwanjye, cyangwa ubwabo, cyangwa ubwacu, ahubwo ni ubwawe Data Wera uri mu ijuru."[89]

Nubwo Luteri yari yarahagurukijwe na Mwuka w'Imana kugira ngo atangire umurimo we, ntabwo yabashaga kuwuteza imbere adahuye n'intambara zikomeye. Ibirego by'abanzi be, guharabika imigambi ye, ndetse no gutekereza nabi imico ye n'impamvu yamuhagurukije byamwisutseho nk'umwuzure kandi ntibyaburaga kumugiraho ingaruka. Yari yarumvise afite icyizere cy'uko abayobozi b'abantu haba mu itorero no mu mashuri bazifatanya nawe mu muhati wo kuzana ivugurura. Amagambo yo kumutera ubutwari yavaga ku bari mu myanya yo hejuru mu buyobozi yamuteye ibyishimo amwuzuza n'ibyiringiro. Mu bitekerezo bye yari yaramaze kubona umuseke urabagirana w'itorero. Ariko ya mvugo yo kumutera ubutwari yaje kuvamo kumuveba no kumuciraho iteka. Abanyacyubahiro benshi baba abo mu itorero na leta bari baremeye ko ingingo ze zifite ukuri; ariko bidatinze baza kubona ko kwemera uko kuri byari guteza impinduka zikomeye. Kujijura no kuvugurura abantu byari gushegesha ubutegetsi bw'i Roma, bigahagarika amasoko menshi yisukaga mu butunzi bw'i Roma bityo bigahungabanya imibereho myiza y'abayobozi b'itorero riyoborwa na papa. Byongeye kandi, kwigisha abantu gutekereza no gukora nk'ibiremwa bifite umudendezo, kubigisha guhanga amaso Kristo wenyine kugira ngo babone agakiza byari guhirika intebe y'ubutware bwa Papa ndetse bikaba byasenya n'ubutegetsi bwabo. Kubera iyo mpamvu bahakanye rwose ku mugaragaro ubwenge bahishuriwe n'Imana maze bahitamo kujya mu ruhande rurwanya Kristo n'ukuri bakoresheje kurwanya uwo Imana yari yabatumyeho ngo abamurikire.

Luteri yahinze umushyitsi ubwo yibonaga ari we muntu wenyine uhanganye n'ububasha buruta ubundi ku isi. Rimwe na rimwe yajyaga ashidikanya akibaza niba koko yarashorewe n'Imana ngo ahangane n'ubutegetsi bw'itorero. Yaranditse ati: "Nari iki jyewe wo guhangana n'ubutware bwa Papa, uwo abami bo ku isi ndetse n'isi yose bahindira umushyitsi imbere? ...Nta muntu wabasha kumenya uko umutima wanjye wababaye muri iyo myaka ibiri ya mbere, ndetse n'akangaratete no

89 D'Aubigné, b.3, ch.6

kwiheba naguyemo."[90]

Nyamara Luteri ntiyaretswe ngo acike intege bikomeye. Igihe ubufasha bw'abantu bwari butakiriho, yakomeje guhanga amaso Imana yonyine maze amenya ko akwiriye kwibera mu mahoro atagira impinduka akishingikiriza kuri kwa kuboko kw'Ishobora byose.

Luteri yandikiye umuntu wakundaga ivugurura agira ati: "Ntabwo dushobora kugera aho dusobanukirwa Ibyanditswe kubwo kwiga cyangwa ubwenge. Inshingano yawe ya mbere ni ugutangiza isengesho. Inginga Imana ngo mu mbabazi zayo nyinshi iguhe ubusobanuro nyakuri bw'Ijambo ryayo. Nta wundi musobanuzi w'Ijambo ry'Imana uruta Uwaryandikishije nk'uko ubwe yivugiye ati: 'Bose bazigishwa n'Imana.' Ntukagire icyo wiringira cyava mu mirimo yawe no mu myumvire yawe bwite: iringire Imana gusa n'imbaraga ya Mwuka wayo. Iringire ibishingiye ku ijambo ry'uwabinyuzemo."[91] Aha hari icyigisho cy'ingenzi ku bumva ko Imana yabahamagariye kubwira abandi ukuri gukomeye kw'iki gihe. Uko kuri kuzabyutsa urwango rwa Satani n'urw'abantu bakunda ibitekerezo bihimbano byahimbwe na Satani. Mu ntambara barwana n'imbaraga y'umubi, hakenewe ikindi kintu kirenze imbaraga n'ubwenge bya kimuntu.

Igihe abanzi be bitabazaga imihango n'imigenzo, cyangwa ibyemezo n'ububasha bya Papa, Luteri yabasubirishaga Bibiliya, Bibiliya yonyine. Muri yo harimo ingingo batabashaga kwisobanuraho bityo ababaswe n'imigenzo n'imihango basakuza basaba ko yicwa nk'uko Abayuda basabiye Kristo gupfa. Abayoboke ba Papa basakuzaga bavuga bati: "Ni umuhakanyi! Byaba ari ukugambanira itorero bikomeye kureka umuhakanyi uteye ubwoba akabaho n'ubwo yaba isaha imwe! Nimuhite mushinga urumambo rwo kumumanikaho!"[92]

Ariko ntabwo yishwe bitewe n'ubwo burakari bwabo bukaze. Imana yari imuteganyirije umurimo agomba gukora, bityo yohererezwa abamarayika bo mu ijuru ngo bamurinde. Nyamara, abantu benshi bari barakiriye umucyo w'agatangaza bawugejejweho na Luteri bagezweho n'umujinya wa Satani kandi bagerwaho no gutotezwa n'urupfu rw'agashinyaguro badatinya kubwo gukunda ukuri.

Inyigisho za Luteri zakuruye intekerezo z'abantu benshi bashishoza mu Budage hose. Imirasire y'umucyo yaturukaga mu bibwirizwa bye no mu nyandiko ze yakanguye kandi imurikira abantu ibihumbi byinshi. Ukwizera kuzima kwasimburaga imigenzo n'imihango igaragara inyuma itorero ryari rimazemo igihe kirekire. Uko bwacyaga bukira niko abantu barushagaho kutizera inyigisho zidahamye z'itorero ry'i Roma. Inzitizi z'urwikekwe zavagaho. Ijambo ry'Imana Luteri yashingiragaho agenzura inyigisho yose n'ikivugwa cyose ryari nk'inkota ityaye amugi yombi, rikagenda rikahuranya imitima y'abantu. Byagaragaraga ko ahantu hose hatutumba icyifuzo cy'iterambere mu bya Mwuka. Abantu hose bari bafite inzara n'inyota byo gutungana batari barigeze bagira mu bihe byashize. Abantu benshi bari bamaze imyaka myinshi bahanze amaso yabo imihango n'abahuza b'abantu, noneho barahindukiye batumbira Kristo wabambwe bafite kwihana no

90 D'Aubigné, b.3, ch.6

91 D›Aubigné, b.3, ch.7

92 -D'Aubigné, b.3, ch.9

kwizera.

Uko gukanguka kwakwiriye hose kwakanguye ubwoba bw'abayobozi b'itorero riyoborwa na Papa. Luteri yahamagariwe kwitaba i Roma kugira ngo asubize ikirego yarezwe cy'ubuyobe. Uko guhamagarwa kwateye incuti ze ubwoba. Bari bazi neza akaga kamutegereje muri uwo mujyi wirunduriye mu bibi kandi wari warasinze amaraso y'abahowe kwizera Yesu. Barwanyije ko yajya i Roma maze basaba ko yacirirwa urubanza mu Budage.

Uko gusaba kwaje kwemerwa maze intumwa ya Papa yoherezwa kujya gukurikirana urwo rubanza. Mu mabwiriza Papa yahaye iyi ntumwa harimo ko byamaze kwemezwa ko Luteri ari umuhakanyi. Kubw'ibyo iyo ntumwa yategetswe guhita amukurikirana kandi akamucecekesha. Iyo yajyaga gukomeza kwihagararaho kandi iyo ntumwa ya Papa ntibashe kumufata, yari yahawe ububasha bwo kumugira igicibwa mu Budage hose; akamuca, akamuvuma kandi n'abifatanyije na we bose bagacibwa."[93] Ikigeretse kuri ibyo, kugira ngo ubuyobe burandurwe burundu, Papa yategetse intumwa ye guca abantu bose bakwirengagiza gufata Luteri n'abayoboke be, ntiyite ku cyubahiro icyo ari cyo cyose baba bafite mu itorero cyangwa mu butegetsi bwa Leta, uretse umwami w'abami wenyine. Abantu nk'abo akaba yaragombaga kubatanga bagahanwa na Roma.

Aha rero niho hagaragarira umwuka nyakuri w'ubupapa. Nta kimenyetso na gito kiranga ihame ry'ubukristo cyangwa icy'ubutabera busanzwe cyagaragaraga muri iyi nyandiko uko yakabaye. Luteri yari kure y'i Roma; nta mahirwe yari yarigeze ahabwa yo kwisobanura cyangwa kuburanira uruhande yari ahagazemo; nyamara mbere y'uko ibye bikurikiranwa, yari yaramaze kugirwa umuntu wayobye, kandi muri uwo munsi, aramaganwa, araregwa, acirwa urubanza, akatirwa ibihano kandi ibyo bikorwa byose abikorerwa n'uwiyitaga umubyeyi uzira inenge, uruta abandi wenyine, umutware utibeshya mu itorero cyangwa muri Leta!

Muri icyo gihe ubwo Luteri yari akeneye cyane kwitabwaho ndetse n'inama z'incuti nyakuri, Imana mu buntu bwayo yohereje Melanchthon aza i Wittenberg. Yari akiri muto, akicisha bugufi, agacisha make mu mikorere ye. Gutekereza neza kwa Melanchthon, ubuhanga bwe buhanitse ndetse no kuba intyoza kwe bikomatanye no kugira imico itunganye byatumye abantu muri rusange bamwemera kandi baramwubaha. Ntabwo ubuhanga bwe bukomeye bwagaragaraga cyane nko kwiyoroshya kwe. Bidatinze yaje guhinduka umuyoboke ubishishikariye w'ubutumwa bwiza, aba n'incuti magara ya Luteri ndetse n'umushyigikiye w'agaciro kenshi bityo kwitonda kwe, ubugwaneza n'ubushishozi bye bikuzuza ubutwari n'umurava bya Luteri. Gufatanya kwabo mu murimo byongeye imbaraga Ubugorozi kandi byabereye Luteri isoko y'ubutwari bukomeye.

Umujyi wa Augsburg ni wo wari waratoranyijwe ngo ube ahantu Luteri yagombaga gucirirwamo urubanza, bityo agenda n'amaguru yerekeza muri uwo mujyi. Abantu bamugiriye ubwoba cyane. Byari byaravuzwe ku mugaragaro ko azafatirwa mu nzira akicwa, bityo incuti ze zimwingingira kutishyira mu kaga. Bamusabye no kuba avuye i Wittenberg mu gihe runaka maze akajya kwibera ahantu hatuje hamwe n'abifuzaga

93 -D'Aubigé, b.4, ch.2

kumurinda. Ariko ntiyigeze yemera kuva mu mwanya Imana yari yaramushyizemo. Yagombaga gukomeza gushikama ku kuri adakebakeba atitaye ku miraba yamwisukagaho. Yaravuze ati: "Meze nka Yeremiya, umuntu uteza amakimbirane no gutandukana; ariko uko ibikangisho byabo birushaho kwiyongera ni ko n'ibyishimo byanjye biyongera. . . Bamaze gukuraho icyubahiro cyanjye no kumenyekana kwanjye. Icyo nsigaranye ni kimwe gusa; ni umubiri wanjye w'impezamajyo: Nawo nibawutware; bityo ubuzima bwanjye bazabugira bugufi mu masaha make gusa. Ariko ubugingo bwanjye bwo ntibashobora kubushyikira. Umuntu wifuza kubwira ijambo rya Kristo abatuye isi, agomba guhora yiteguye gupfa igihe icyo ari cyo cyose."[94]

Inkuru z'uko Luteri yageze Augsburg yashimishije cyane intumwa ya Papa. Uwitwaga umuyobe wababujije amahwemo agahagurutsa isi yose noneho yasaga n'uri mu maboko y'ubushobozi bwa Roma bityo intumwa ya Papa yiyemeza ko adakwiriye kumuva mu maboko. Umugorozi Luteri yari yarananiwe kwishakira urwandiko rw'inzira rumurinda. Incuti ze zamusabye kutajya imbere y'intumwa ya Papa adafite urwandiko rw'inzira maze izo ncuti ubwazo zifata gahunda yo kurumusabira umwami w'abami. Intumwa ya Papa yari yagambiriye ko bishobotse yahatira Luteri kwisubiraho kandi bitashoboka igatuma ajyanwa i Roma kugira ngo agenzwe nk'uko Huse na Yoramu bagenjwe. Nicyo cyatumye iyo ntumwa yifashisha abakozi bayo, yashishikariye gushuka Luteri ngo amwitabe atitwaje urwandiko rw'inzira amwiringiza ko amufitiye impuhwe. Luteri yanze rwose gukora atyo. Ntiyashoboraga kujya kwitaba intumwa ya Papa atarabona urwandiko rumusezeranya ko arinzwe n'umwami w'abami.

Abayobozi b'itorero ry'i Roma bari biyemeje kugerageza kwigarurira Luteri bakoresheje kumugaragariza ubugwaneza. Mu kiganiro yagiranye na we, ya ntumwa ya Papa yagaragaje ko amufitiye urukundo rutangaje, ariko isaba Luteri ko yumvira ibyo ubutegetsi bw'itorero bumubwira atazuyaje kandi akemera buri ngingo yose nta gitekerezo na kimwe atanze cyangwa ngo agire ikibazo abaza. Mu gukora atyo, intumwa ya Papa yari yibeshye ku mico y'umuntu yavuganaga nawe. Mu gisubizo cya Luteri, yagaragaje uko yubaha itorero, uko yifuza ukuri, uko yiteguye kwisobanura kubyo aregwa byerekeranye n'inyigisho yigishije ndetse no gushyikiriza amahame za kaminuza zimwe zikomeye ngo ziyafatire icyemezo. Ariko muri uwo mwanya kandi yanenze cyane imikorere y'uwo mukaridinali wari watumwe na Papa wamusabaga kwisubiraho atabanje kumwereka ikosa rye.

Igisubizo cyonyine yahawe ni iki ngo: "Isubireho, isubireho!" Umugorozi Luteri yerekanye ko uruhande arimo rushyigikiwe na Bibiliya kandi avuga ashikamye ko atabasha kureka ukuri. Ya ntumwa ya Papa ibonye idashoboye kwisobanura ku ngingo zivuzwe na Luteri, yamucecekesheje amucyaha, amukankamira kandi akanamushyeshyenga avangamo amagambo akuye mu miziririzo n'ibyavuzwe n'Abapadiri bakuru ntiyigere aha Luteri umwanya wo kuvuga. Luteri abonye ko icyo kiganiro nigikomeza gityo kiri bube impfabusa, amaherezo yasabye uburenganzira bwo gutanga igisubizo cye mu nyandiko.

94 D'Aubigé, b.4, ch.4

Ubwo Luteri yandikiraga incuti ye yaravuze ati: "Mu gukora ntyo, urenganywa yunguka mu buryo bubiri: ubwa mbere ibyanditswe bibasha gushyirwa imbere y'abandi nabo bakagira icyo babivugaho. Icya kabiri, umuntu agira amahirwe yo gutsinda ubwoba, ndetse no kugera ku mutimanama w'umunyagitugu wirata kandi uvuga nabi wabashaga kumurusha ubushobozi akoresheje imvugo ye y'ubwirasi."[95]

Ku munsi w'ikiganiro-mpaka wakurikiyeho, Luteri yavuze ibitekerezo bye mu buryo bwumvikana neza, bwahuranyije kandi burimo imbaraga kandi akabishyigikiza amagambo yakuye mu Byanditswe byera. Amaze gusoma urwo rupapuro aranguruye, yaruhereje uwo mukaridinali nyamara we arujugunya hasi n'umujinya mwinshi, avuga ko rwuzuyemo amagambo y'amanjwe ndetse n'ibyo yakuye ahandi bidafite ireme. Noneho Luteri yarahagurutse avugana n'uwo muyobozi mukuru w'idini w'umwibone, avuga ku migenzo n'inyigisho by'itorero kandi asenya rwose ibyo uwo muyobozi yishingikirizagaho.

Uwo muyobozi mukuru abonye ko imitekerereze ya Luteri itabasha kugishwa impaka, ni uko abuze uko yifata avugana uburakari bwinshi cyane ati: "Isubireho! Niba utabikoze ndakohereza i Roma ujye kwitaba abacamanza bashyiriweho kurangiza urubanza rwawe. Ndaguca wowe ubwawe n'abakuyobotse bose, ndetse n'abantu bose bazagushyigikira igihe icyo ari cyo cyose bazacibwa mu itorero." Yarangije avugana ubwibone n'uburakari ati; "Isubireho cyangwa we kuzongera kugaruka imbere yanjye."[96]

Luteri n'incuti ze bahise bava aho, muri ubwo buryo agaragaza yeruye ko atitezweho kwisubiraho. Ibi ntabwo ari byo uwo mukaridinali yari yaragambiriye. Yari yishutse ko kubwo gukoresha igitugu ari bubashe gukangisha Luteri maze akisubiraho. Noneho yari asigaranye n'abari bamushyigikiye gusa maze akajya abarebana agahinda kenshi atewe no kutagera ku migambi ye bimutunguye.

Umuhati Luteri yakoresheje icyo gihe ntiwabuze kugira ingaruka zishimishije. Inteko y'abantu bari bateraniye aho bashoboye kugereranya abo bagabo bombi no kwifatira umwanzuro ku mwuka buri wese yagaragaje ndetse n'imbaraga n'ukuri k'uruhande rwa buri wese. Mbega uburyo itandukaniro ryari rinini! Luteri yari umuntu woroheje, wicishije bugufi, ushikamye, wahagaze afite imbaraga y'Imana n'ukuri mu ruhande rwe. Intumwa ya Papa yo yari yuzuye kwiyumvamo icyubahiro, kwishyira hejuru, ifite ubwibone, udashyira mu gaciro, kandi nta n'ingingo n'imwe yavugaga ayikuye mu Byanditswe Byera, nyamara akavugana ubukana asakuza ati: "Isubireho, cyangwa woherezwe i Roma ujye guhanwa!"

Nubwo Luteri yari yashoboye kubona urwandiko rw'inzira ahawe n'umwami w'abami, abakomeye ku itorero ry'i Roma bacuraga umugambi mubisha wo kumufata ngo bamufunge. Incuti ze zibonye ko bitakiri ngombwa kongera igihe cyo kuguma aho zamusabye ko akwiriye gusubira i Wittenberg bidatinze kandi ko hakwiye kuba ubushishozi ngo iyo migambi ye itamenyekana. Kubw'ibyo yavuye i Augsburg mu rukerera izuba ritararasa, agenda ku ifarashi aherekezwa gusa n'uwokumuyobora umucamanza yari yamuhaye. Yari afite ubwoba bw'ibyamubaho, agenda mu ibanga aca mu tuyira twijimye kandi dutuje two muri uwo mujyi.

95 - Martyn, The Life and Times of Luther, pp. 271, 272.

96 D'Aubigné, London ed., b.4,ch.8

Abanzi be b'abagome babaga bari maso bacura imigambi yo kumwica. Mbese yabashaga gusimbuka imitego bamuteze? Byari ibihe by'akababaro gakomeye no gusenga cyane. Yageze ku rugi ruto rw'icyanzu cy'uruzitiro rw'umujyi, we n'uwari umuyoboye bakinguriwe urwo rugi maze bacamo barasohoka nta mbogamizi. Bamaze kugera hanze aho bari bafite umudendezo, barirutse cyane ku buryo ya ntumwa ya papa yamenye ko Luteri yagiye yamaze kugera aho abamuhigaga batabasha kugera. Satani n'abakozi be baratsinzwe. Umuntu bibwiraga ko ari mu maboko yabo yari yamaze kugenda, yacitse nk'inyoni icitse umutego.

Intumwa ya Papa imaze kumenya ko Luteri yabacitse yarumiwe kandi azabiranywa n'uburakari. Yari yiteze ko azahabwa icyubahiro gikomeye kubw'ubucakura no kwiyemeza yakoresheje akemura ikibazo cy'uwo wajujubije itorero; ariko ibyiringiro bye byabaye iby'ubusa. Uburakari bwe yabugaragarije mu ibaruwa yandikiye Ferederiko wari igikomangoma cy'i Saxony arwanya Luteri cyane kandi asaba ko Ferederiko yamwohereza i Roma cyangwa akamuca i Saxony.

Mu kwisobanura, Luteri yasabye ko intumwa ya Papa cyangwa Papa ubwe berekena mu Byanditswe ikosa yaba afite; kandi arahira akomeje ko yiteguye kureka inyigisho ze mu gihe zigaragajwe ko zivuguruza Ijambo ry'Imana. Yanashimiye Imana kuba yarabonye ko bimukwiriye kurenganywa kubw'umurimo muziranenge.

Ferederiko wari igikomangoma cy'i Saxony ntabwo yari asobanukiwe neza n'inyigisho zivuguruye, ariko yari yaranyuzwe cyane n'ubutungane, imbaraga no kumvikana kw'amagambo ya Luteri, kandi yiyemeza kumurinda kugeza ubwo kugeza ubwo bazagaragaza ko Luteri ari mu makosa. Ubwo yasubizaga kubyo iyo ntumwa ya Papa yasabaga, Ferederiko yaranditse ati: "'Kuva Dogiteri Martin Luteri yarakwitabye i Augsburg, wagombye kunyurwa. Ntabwo twari twiteze ko ushishikazwa no gutuma yisubiraho utabanje kumwemeza amakosa ye. Nta muntu n'umwe wo mu ntiti zo mu ntara yacu wigeze amenyesha ko inyigisho za Martin zisuzuguza Imana, ko zirwanya ubukristo cyangwa ko ari iz'ubuhakanyi.' Ikindi kandi icyo gikomangoma cyanze kohereza Luteri i Roma cyangwa kumwirukana mu ntara gitegeka."[97]

Igikomangoma Ferederiko yabonye ko muri rusange, mu bantu hariho ukwicwa kw'amabwiriza y'imico-mbonera. Umurimo ukomeye w'ivugurura wari ukenewe. Uburyo bukomeye kandi buhenze bwakoreshwa bwose kugira ngo bahagarike kandi bahane ubwigomeke ntacyo byajyaga kugeraho keretse gusa abantu bazirikanye kandi bakumvira ibyo Imana ibasaba ndetse n'amabwiriza y'uwamurikiwe nayo. Ferederiko yabonaga ko Luteri akora kugira ngo abageze kuri iyo ntego bityo yishima rwihishwa ashimishijwe n'uko hari impinduka nziza yigaragaza mu itorero.

Yabonye kandi ko Luteri wari umwigisha muri Kaminuza hari ibikomeye yagezeho. Hari hashize umwaka umwe gusa Luteri amanitse amahame shingiro ye kuri kiriziya ngari, ariko hari harabayeho kugabanyuka gukomeye kw'umubare w'abagenzi bazaga gusura iyo kiriziya ku munsi w'abatagatifu bose. Roma yari yarabuze abaza kuramya ndetse n'amaturo, nyamara umwanya wabo wagiwemo n'irindi tsinda ryabazaga i Wittenburg, bataje nk'abagenzi baje kuramya abatagatifu,

97 D'Aubigné, b.4, ch.10.

ahubwo babaga ari abanyeshuri baje kuzura amashuri yaho. Hirya no hino inyandiko za Luteri zari zarakanguriye abantu gusoma Ibyanditswe Byera, kandi abanyeshuri bazaga kuri Kaminuza badaturutse mu ntara zose z'Ubudage gusa ahubwo bavuye no mu bindi bihugu. Abasore bazaga bakabona umujyi wa Wittemberg ubwa mbere, “bazamuraga amaboko yabo bakayerekeza mu ijuru maze bagashimira Imana kuba yaratumye umucyo w’ukuri umurika uturutse muri uwo mujyi nk'uko mu bihe bya kera waturukaga i Siyoni ugakwira no mu bihugu bya kure cyane.”[98]

Kugeza icyo gihe Luteri yari yaritandukanyije n’amakosa y’itorero ry'i Roma by'igice. Ariko uko yagereranyaga Ibyanditswe Byera n’amategeko n'amateka yashyizweho na papa, yarushagaho gutangara. Yanditse agira ati: “Ubu ndi gusoma amategeko ya Papa,...Ntabwo nzi niba Papa atari we urwanya Kristo (antikristo) cyangwa niba ari intumwa ye, kuko ayo mategeko abambisha Kristo kandi akamugaragaza uko atari.”[99] Nyamara, kugeza icyo gihe Luteri yari agishyigikiye itorero Gatolika ry'i Roma, kandi nta gitekerezo cyo kwitandukanya naryo yari afite.

Inyandiko z'umugorozi Luteri ndetse n'inyigisho ze byakwiraga mu bihugu byose birangwamo ubukristo. Umurimo we wakwiriye mu Busuwisi n’Ubuholandi. Amakopi y'inyandiko ze yagejejwe mu Bufaransa no muri Esipanye. Mu Bwongereza ho bakiriye inyigisho ze nk'ijambo ry'ubugingo. Mu Bubiligi no mu Butariyani na ho hakwiriye uko kuri. Abantu ibihumbi byinshi barakangukaga bakava mu iroro rimeze nk'urupfu bakinjira mu byishimo n'ibyiringiro byo kugira imibereho yo kwizera.

Roma yarushijeho guhangayikishwa n’ibitero bya Luteri, bityo bamwe mu bamurwanyaga n'ishyaka ryinshi ndetse n'intiti zigishaga muri kaminuza z'itorero Gatolika ziza gutangaza ko umuntu uzabasha kwica uwo mupadiri wigometse nta cyaha azabarwaho. Umunsi umwe, umuntu utazwi wari witwaje imbunda ntoya ayihishe mu mwambaro we yegereye Luteri maze amubaza impamvu agenda wenyine. Luteri aramusubiza ati: “Ndi mu maboko y’Imana, ni Yo mbaraga zanjye n'ingabo inkingira. Umuntu yabasha kuntwara iki?”[100] Wa muntu yumvise ayo magambo yagize ubwoba bwinshi maze ahunga nk’uwari imbere y'abamarayika bo mu ijuru.

Roma yari ishishikajwe no kwica Luteri, ariko Imana ni yo yamurindaga. Inyigisho ze zumvikanaga ahantu hose- haba mu ngo z'aboroheje, iz'abakomeye, mu bigo by'abihaye Imana,...muri za kaminuza ndetse no mu ngoro z’abami;” kandi hirya no hino abantu b'abanyacyubahiro barahagurukaga kugira ngo bamushyigikire.[101]

Muri icyo gihe ubwo Luteri yasomaga ibyo Huse yanditse, ni bwo yavumbuye ko ukuri gukomeye ko kugirwa intungane kubwo kwizera we ubwe yashakaga kwerereza no kwigisha, kwari kwarakomeweho n'umugorozi w'i Boheme (Huse). Luteri yaravuze ati: “Twese, yaba Pawulo, Augustine na njye ubwanjye, twabaye abayoboke ba Huse tutabizi!” Yakomeje agira ati: “Imana Izamenyesha abatuye

98 D’Aubigné, b.4, ch.10.
99 Ibid., b.4, ch.10.
100 D’Aubigné, b.6, ch.2.
101 Ibid., b.6, ch.2.

isi bose ko babwirijwe ukuri hakaba hashize ikinyejana, nyamara bakaba baragutwitse!”[102]

Mu byo yamenyesheje umwami w'abami n’abatware bo mu Budage ashyigikira ivugururwa mu Bukristo, Luteri yanditse ibya Papa agira ati: “Ni ikintu kibabaje cyane kubona umuntu wiyita umusimbura wa Kristo yigaragazaho gukomera n'icyubahiro bitagirwa n’umwami w'abami uwo ari we wese. Mbese ibyo niko gusa na Yesu wari umukene cyangwa na Petero wicishaga bugufi? Bavuga ko ari umutware w’isi! Nyamara Kristo uwo Papa yiyitirira kuba umusimbura we, yarivugiye ati: “Ubwami bwanjye si ubw’iy’isi.” None se ubutware bw’umusimbura bushobora kuruta ubwa shebuja?”[103]

Yanditse ibya za kaminuza atya ati: “Ndatinya cyane ko za kaminuza zazaba imiryango ya gihenomu nibaramuka badakoranye umuhati mu gusobanura Ibyanditswe Byera ndetse no kubishimangira mu mitima y’abasore. Ntanze inama ko nta muntu ukwiriye gushyira umwana we ahantu Ibyanditswe Byera bidafite intebe. Ikigo cyose abantu badahugira mu Ijambo ry'Imana ubudatuza nta cyakibuza kwigarurirwa n'ikibi.”[104]

Ayo magambo yakwirakwiye byihuse mu Budage kandi ateza impinduka ikomeye mu bantu. Igihugu cyose cyarakangutse maze imbaga y'abantu ihagurutswa no gushyigikira iby’ubugorozi. Abanzi ba Luteri, bari bafite ishyushyu rikomeye ryo kwihorera, basabye Papa kumufatira ingamba ntakuka. Hatanzwe itegeko rivuga ko inyigisho ze zikwiriye guhita zicibwa. Luteri n’abayoboke be bahawe iminsi mirongo itandatu yo kwisubiraho, batabikora, nyuma y'iyo minsi bagacibwa mu itorero.

Ubugorozi bwari bugeze mu gihe gikomeye cyane. Mu myaka amagana menshi iteka rya Papa ryo guca umuntu mu itorero ryateraga ubwoba bwinshi n'ibikomangoma bikomeye. Iryo teka ryari ryarujuje umuvumo ubwami bukomeye. Abagerwagaho no gucibwaho iteka na Roma, muri rusange abantu babarebanaga ubwoba. Babuzwaga kuvugana na bagenzi babo kandi bagafatwa nk'abadafite uburenganzira bwo kurengerwa n'amategeko, bagomba guhigwa kugira ngo bicwe. Luteri ntiyari ayobewe akaga kari kamutegereje; ariko yarashikamye, yiringira ko Kristo ari we uzamukomeza kandi akamubera ingabo imukingira. Mu kwizera n'ubutwari by'abahorwaga kwizera kwabo, Luteri yaranditse ati: “Ntabwo nzi ibyenda kubaho, nta n'ubwo nitaye ku kubimenya...Reka ibiba bibe uko bishaka, njye nta bwoba mfite. Dore n’ikibabi cy’igiti ntikigwa hasi Data atabishaka. None se twe azatwitaho bingana iki! . . . Ni iby’agaciro gakomeye kuzira Jambo kuko Jambo uwo wemeye guhinduka umuntu na we ubwe yarapfuye. Niba dupfana na we, tuzabana na we, kandi nitunyura mu byo yanyuzemo mbere yacu, tuzaba aho ari ndetse tuzabana nawe ubuziraherezo.”[105]

Ubwo iteka ryaciwe na Papa ryageraga kuri Luteri, yaravuze ati: “Iryo tegeko ndarihinyuye, kandi nzanarirwanya, kuko ritubahiriza Imana, ndetse ni ibinyoma. . . Kristo ubwe ni we ucirwaho iteka muri iryo tegeko... Nishimiye kugerwaho n'ibyo

102 -Wylie, b.6. ch.1
103 -D’Aubigné, b.6, ch.3.
104 -Ibid., b.6, ch.3.
105 -D’Aubigné, b.6, ch.3.

bibi nzira umurimo urusha indi yose kuba mwiza. Ndumva mfite umudendezo ukomeye mu mutima wanjye kuko noneho nzi ko Papa ari antikristo kandi ko intebe ye y'ubwami ari intebe ya Satani ubwe."[106]

Nyamara rya tegeko ry'i Roma ryari rifite ububasha. Gushyira abantu muri gereza, kwicisha urubozo n'inkota ni byo byari intwaro ya Roma yo guhatira abantu kuyumvira. Abanyantege nke n'abanyabwoba batengurirwaga imbere y'iteka rya Papa, kandi nubwo muri rusange abantu bagiriraga Luteri impuhwe, benshi babonaga ko bidakwiriye guhara amagara yabo bazira kugorora itorero. Ibintu byose byasaga n'ibyerekana ko umurimo wa Luteri ugiye kurangira.

Nubwo byari bimeze bityo, Luteri yari ataragira ubwoba. Roma yari yaramuciye kandi abatuye isi bari bategereje ko yicwa cyangwa agahatirwa kwisubiraho. Ariko mu mbaraga ikomeye, Luteri yabwiye Roma ko ari yo iciriweho iteka kandi avugira ku mugaragaro ko yiyemeje gutandukana nayo by'iteka. Luteri afata inyandiko z'amategeko y'idini n'iryo tangazo rimuca mu itorero ndetse n'izindi nyandiko zishyigikira ubutegetsi bwa Papa maze abitwikira mu ruhame rw'imbaga y'abanyeshuri, intiti zigisha muri kaminuza ndetse na rubanda rwo mu nzego zose. Yaravuze ati: "Kubwo gutwika ibitabo byanjye, abanzi banjye babashije gutesha agaciro umurimo w'ukuri mu ntekerezo za rubanda kandi barimbura imitima yabo. None kubera iyo mpamvu nanjye ntwitse ibitabo byabo. Urugamba rukaze rwamaze gutangira. Kugeza none icyo nakoze kwari ugukina na papa gusa. Natangiye uyu murimo mu izina ry'Imana, kandi uzarangira ntahari ahubwo uzarangizwa n'imbaraga zayo." [107]

Ku magambo yo kunnyega yavuzwe n'abanzi be bamukwenaga ndetse n'intege nke ziri mu murimo we, Luteri yarashubije ati: "Ni nde uzi niba Imana yarantoranyije kandi ikampamagara? Basuzugura Imana ubwayo. Mose yari wenyine ubwo bavaga mu Misiri, Eliya yari wenyine mu ngoma y'umwami Ahabu, Yesaya nawe yari wenyine muri Yerusalemu na Ezekeli yari wenyine muri Babuloni...Ntabwo Imana yigeze itoranya umutambyi mukuru cyangwa undi muntu ukomeye ngo babe abahanuzi. Ahubwo yatoranyije abantu baciye bugufi kandi b'insuzugurwa, ndetse rimwe yatoranyije Amosi wari umushumba. Mu bihe byose byabayeho, intungane zagiye zihara amagara yazo maze zigacyaha abakomeye, abami, ibikomangoma, abatambyi ndetse n'abanyabwenge. . .Ntabwo mvuga ko ndi umuhanuzi, ahubwo ndavuga ko bakwiriye gutinya babitewe gusa n'uko ndi umwe bo bakaba ari benshi. Ibi mbizi neza ko Ijambo ry'Imana riri kumwe nanjye kandi ko ritari kumwe nabo." [108] Nyamara ntabwo Luteri yafashe umwanzuro wo kwitandikanya burundu n'itorero nta rugamba rukomeye arwanye n'intekerezo ze. Muri icyo gihe niho yanditse ati: "Buri munsi ndushaho kumva uko bikomeye ibyo umuntu yatojwe kugenderamo akiri umwana. Nubwo ku ruhande rwanjye nari mfite Ibyanditswe, mbega uburyo byanteye umubabaro mwinshi kwiyumvisha ko nkwiriye guhangara guhagarara njyenyine nkarwanya Papa kandi nkavuga ko ari antikristo! Mbega imibabaro umutima wanjye wagize utari warigeze ugira! Mbega uburyo incuro nyinshi ntabuze

106 -D'Aubigné, b.6, ch.9.
107 -D'Aubigné, b.6, ch.10.
108 -D'Aubigné, b.6, ch.10.

kujya nibaza iki kibazo mbabaye, ari nacyo akenshi abayoboke ba Papa bambazaga bati: 'Mbese ni wowe munyabwenge wenyine?' Mbese abandi bose bamaze iki icyo gihe cyose bari mu buyobe? None se amaherezo niba ari wowe wibeshya kandi ukaba uri gushora abantu benshi mu buyobe bwawe maze amaherezo bakazazimira by'iteka?' Uko ni ko narwanaga n'ibitekerezo byanjye ndetse na Satani kugeza igihe Kristo, kubw'ijambo rye ritibeshya, yakomeje umutima wanjye imbere y'uko gushidikanya."[109]

Papa yari yarakangishije Luteri ko natisubiraho azacibwa mu itorero maze noneho icyo gihano gishyirwa mu bikorwa. Hasohotse irindi tangazo rivuga ko Luteri yitandukanyije n'itorero ry'i Roma ubuheruka. Iryo tangazo ryaramurwanyaga rikavuga ko yavumwe n'Ijuru kandi ko iteka aciriwe rireba n'abantu bose bashobora kwakira inyigisho ze. Urugamba rukomeye rwari rwaratangiye rwose.

Kurwanywa niwo mugabane w'abantu bose Imana igenda ikoresha kugira ngo bageze ukuri kwihariye kureba abo mu bihe byabo. Mu gihe cya Luteri hari hariho ukuri kw'ingenzi kugenewe ab'icyo gihe. Muri iki gihe naho, hari ukuri kugenewe itorero. Imana yo ikora ibintu byose ikurikije ubushake bwayo, yagiye inezezwa no gucisha abantu mu bintu bitandukanye ndetse no kubaha inshingano zihariye zirebana n'igihe barimo n'imibereho bafite. Nibaha agaciro umucyo bahawe, bazabona imbere yabo ukuri kurushaho gusobanuka. Nyamara muri iki gihe, abantu benshi ntibacyifuza ukuri kuruta uko byari biri ku bayoboke ba Papa barwanyaga Luteri. Nyamara nk'uko byabaye mu bihe bya kera, haracyariho wa mwuka wo kwemera inyigisho n'imigenzo by'abantu mu mwanya wo kwemera Ijambo ry'Imana. Abantu bigisha ukuri gukwiriye iki gihe ntibagomba kwitega ko bazakirwa neza kuruta uko byagendekeye abagorozi bo mu bihe byashize.
Intambara ikomeye hagati y'ukuri n'ikinyoma, hagati ya Kristo na Satani izarushaho gukaza umurego kugeza ku iherezo ry'amateka y'isi.

Yesu yabwiye abigishwa be ati: "Iyo muba ab'isi, ab'isi baba babakunze: ariko kuko mutari ab'isi, ahubwo nabatoranyije mu b'isi, ni cyo gituma ab'isi babanga. Mwibuke ijambo nababwiye nti: 'Umugaragu ntaruta shebuja.' Niba bandenganyije, namwe bazabarenganya, niba bitondeye ijambo ryanjye, n'iryanyu naryo bazaryitondera." Yohana 15:19, 20. Ku rundi ruhande naho, Umwami wacu yavuze yeruye ati: "Muzabona ishyano abantu nibabavuga neza; kuko ari ko ba sekuruza banyu bagenje abahanuzi b'ibinyoma." Luka 6:26.

Muri iyi minsi, umwuka w'ab'isi ntugihuje n'umwuka wa Kristo kuruta uko byari bimeze mu bihe bya kera, kandi ababwiriza Ijambo ry'Imana batarigoretse muri iki gihe, ntibashobora kuzakiranwa ineza iruta iyagiriwe aba kera. Uburyo bwo kurwanya ukuri bushobora guhindura isura, urwango rushobora kuba rutagaragara cyane bitewe n'uko ruhishwe cyane, ariko kurwanywa biracyariho kandi bizakomeza kubaho kugeza ku iherezo ry'ibihe.

109 -Martyn, pp. 372, 373.

IGICE CYA 8

LUTERI IMBERE Y'INAMA Y'ABATEGETSI BAKURU

Umwami mushya witwaga Charles wa gatanu yari yaragiye ku ngoma mu Budage maze intumwa za Roma zihutira kuza kumuha impundu zigira ngo zimushyeshye bityo azakoreshe imbaraga ze arwanye Ubugorozi. Ariko ku rundi ruhande, umutware umwe w'i Saxony wari warafashije cyane Charles kugera ku ngoma, we yamugiriye inama yo kutagira icyo akora kuri Luteri atabanje kumutega amatwi. Bityo umwami w'abami yagiye mu rungabangabo. Nta kindi cyajyaga gushimisha abo ku ruhande rwa Papa uretse iteka ry'umwami w'abami ryicisha Luteri. Umutware w'i Saxony we yari yaravuze ko nta muntu n'umwe, "yaba umwami w'abami cyangwa undi wese wigeze yerekana ko inyandiko za Luteri ziri mu makosa." Ku bw'iyo mpamvu yasabye ko Maritini Luteri yahabwa urwandiko rw'inzira rutuma arindwa kugira ngo ashobore kujya kwisobanura imbere y'urukiko rugizwe n'abacamanza b'abahanga, b'inyangamugayo kandi badaca urwa kibera." [110]

Icyo gihe amashyaka yose yari ahanze amaso ku nama nkuru y'intara z'Ubudage yendaga guteranira vuba mu mujyi wa Worms nyuma y'igihe gito umwami Charles yimitswe. Hari hariho ibibazo bya politiki bikomeye ndetse n'izindi ngingo byagombaga kwigwa n'iyi nama yari ihuriyemo abatware bose b'igihugu kuko yari incuro ya mbere ibikomangoma byo mu Budage byari bigiye guhurira mu nama ifata ibyemezo n'umwami wabo wari ukiri muto. Mu mpande zose z'icyo gihugu hari haturutse abanyacyubahiro bo mu itorero no mu butegetsi bwa leta. Abatware ba rubanda, abavuka mu ngo z'abakomeye, abanyeshyari n'abayobozi bakuru mu by'idini bose bahasesekaye mu isumbwe no gukomera kwabo. Abatware b'ingabo z'ibwami n'ingabo zibaherekeje, intumwa zivuye mu bihugu by'amahanga kandi bya kure; bose bateraniye i Worms. Nyamara muri iyo nama ngari, ingingo yari ishishikaje abantu cyane yari umurimo w'Umugorozi w'i Saxony.

Mbere y'aho Charles yari yarabwiye igikomangoma cy'i Saxony kuzazana na Luteri mu nama nkuru, amusezeranya kuzamurinda no kuzamuha umudendezo wo kuvugana n'abantu babishoboye ku byerekeye ibibazo byakururaga impaka. Luteri yifuzaga cyane kwitaba umwami w'abami. Icyo gihe ubuzima bwe bwari bumaze gucika intege cyane ariko yandikiye igikomangoma ati: "Niba ntashobora kujya i Worms mfite amagara mazima, bazanjyanayo ndwaye nk'uko ubu meze. Kuko niba umwami w'abami ampamagara, sinshobora gushidikanya ko ari uguhamagara kw'Imana ubwayo. Niba bashaka kungirira nabi, ndetse ibi birashoboka (kubera ko atari bo bibwirije kumpamagara), iki kibazo ngishyize mu maboko y'Imana. Wa wundi warindiye abasore batatu mu itanura ry'umuriro aracyariho kandi ari ku ngoma. Imana nibona atari ngombwa kundinda, ubuzima bwanjye ntacyo buvuze. Reka gusa twe gutuma ubutumwa bwiza busuzugurwa n'inkozi z'ibibi, kandi nimutyo dusese amaraso yacu kubw'ubutumwa bwiza, kuko dutinye inkozi z'ibibi

110 -D'Aubigné, b.6, ch.11.

zatsinda. Ntabwo ari ibyanjye gufata umwanzuro niba kubaho kwanjye cyangwa gupfa bizagira uruhare rukomeye ku gakiza k'abantu bose... Mubasha kwitega ko icyo ari cyo cyose cyambaho... uretse guhunga cyangwa kwisubiraho. Sinshobora rwose guhunga no kwisubiraho." -[111]

Ubwo inkuru yakwiraga i Worms ko Luteri agomba kwitaba inama nkuru, abaturage baho barivumbagatanyije. Aleyandere wari intumwa ya Papa akaba yari yashinzwe by'umwihariko gukemura icyo kibazo, abonye bimeze bityo yarumiwe kandi ararakara cyane. Yabonaga ko ingaruka zabyo izaba mbi cyane ku buyobozi bwa Papa. Gushakisha ibimenyetso mu rubanza Papa yari yaramaze gukemura aciraho iteka Luteri byajyaga kuba ugusuzuguza ubutegetsi bwa Papa. Ikindi kandi, yari azi ko ingingo zumvikana kandi zifite imbaraga za Luteri zibasha gutwara benshi mu bikomangoma bakava ku ruhande rwa Papa. Kubw'iyo mpamvu, mu buryo bwihutirwa cyane, yeretse umwami w'abami Charles ko adashimishishijwe rwose n'uko Luteri yakwitaba inama nkuru i Worms. Icyo gihe urwandiko rutangaza ko Luteri yaciwe mu itorero rwari rwashyizwe ahagaragara maze rufatanya no gusaba kw'intumwa ya Papa bityo bituma umwami w'abami ava ku izima. Yandikiye wa mutware ko niba Luteri atisubiyeho, agomba kuguma i Wittenberg.

Aleyandere atanejejwe n'iyi nsinzi, yakoresheje imbaraga zose n'uburyarya bwose yari afite kugira ngo Luteri acirweho iteka. Yagaragaje kwihagararaho nk'ushyigikiye inzira nziza, maze yumvisha icyo kibazo ibikomangoma, abayobozi bakuru mu idini ndetse n'abandi bari bari muri iyo nama, arega umugorozi ubugambanyi, ubwigomeke, kuba ruharwa no gutuka Imana." Nyamara ubwira n'ubwuzu bwinshi byagaragajwe n'iyo ntumwa ya Papa byahishuye neza umwuka wamukoreshaga. Abantu bose muri rusange babonye ko "ikimukoresha cyane ari urwango no gushaka guhora kuruta ishyaka n'ubutungane."[112] Umubare munini w'abari bagize iyo nama barushijeho kubona ko Luteri arengana.

Aleyandere yakubye kabiri ishaka yari afite maze ahatira umwami kuzuza inshingano yo gushyira mu bikorwa amategeko ya Papa. Nyamara hakurikijwe amategeko y'Ubudage, ibi ntibyashoboraga gukorwa ibikomangoma bitabyemeye, ariko umwami Charles arambiwe uko gutitiriza yasabye intumwa ya Papa kuzana icyo kirego mu nama nkuru y'abategetsi b'igihugu. "Wari umunsi ukomeye kuri iyo ntumwa ya papa. Iyo nama yari iteraniyemo abantu benshi cyane kuko n'impamvu yayo yari ikomeye. Aleyandere yagombaga kuburanira Roma yari yarabyaye amatorero yose kandi ikaba ari nayo yayategekaga." Yagombaga kuburanira ubutware bwa Petero imbere y'imbaga y'abakomeye b'aho Ubukristo bwabarizwaga. "Aleyandere yari intyoza maze ahagurukana ishema muri iyo nteko. Mbere y'uko Roma icirwaho iteka, Imana yemeye ko igaragara kandi ikaburanira imbere y'urukiko rukomeye kuruta izindi ikoresheje umuntu ushoboye kuvuga cyane mu ntyoza zayo."[113] Abantu bari bashyigikiye Luteri bategeranyije ubwoba ingaruka z'amagambo ya Aleyandere. Ntabwo igikomangoma cy'i Saxony cyari kiri muri iyo nama ariko cyari cyohereje umwe mu bajyanama bacyo kugira ngo baze kwandika

111 D'Aubigné, b.7, ch.1.

112 [D'Aubigné, b.7, ch.1.

113 -Wylie, b.6, ch.4

ibyo intumwa ya Papa iri buvuge.

Aleyandere yahagurukanye imbaraga zose z'ubwenge n'ubutyoza yari afite kugira ngo asenye ukuri. Yakurikiranyaga ibirego ashija Luteri ko ari umwanzi w'itorero na Leta, umwanzi w'abazima n'abapfuye, umwanzi w'abayobozi bakuru b'itorero n'abihaye Imana, umwanzi w'inama y'abepisikopi n'abakristo bose muri rusange. Yaravuze ati: "Mu makosa ya Luteri harimo ibintu bihagije kugira ngo bitwikishe abantu ibihumbi ijana bayobye."

Mu kurangiza yerekanye agasuzuguro afitiye abayobotse ukwizera gushya agira ati: "Abo bayoboke ba Luteri bose ni bantu ki? Ako gatsiko k'abigisha b'abanyagasuzuguro, abapadiri bataye umurongo, abanyamategeko b'abaswa n'abakomeye bitesheje agaciro ndetse na rubanda bayobeje bakabateshura inzira. Mbega uburyo abayoboke b'itorero Gatorika babaruta haba mu bwinshi, mu bushobozi ndetse n'imbaraga! Icyemezo kirafatwa n'imbaga nyamwinshi kiramurikira aboroheje, kibere umuburo abafata ibyemezo bahubutse, abadashikamye kibatere gufata icyemezo kandi kiraha imbaraga abari bafite intege nke."[114]

Abaharaniye ukuri mu bihe byose byabayeho bagiye barwanishwa intwaro nk'izo. Ingingo nk'izo ziracyakoreshwa mu kurwanya abantu bose batinyuka kuvuga inyigisho zumvikana kandi zidakebakeba z'Ijambo ry'Imana zivuguruza ibinyoma byashinze umuzi. Abifuza idini yogeye hose baravuga bati: "Abo babwiriza b'inyigisho nshya ni bantu ki? Ntabwo bize, ni bake kandi ni n'abakene. Nyamara bavuga ko bafite ukuri kandi ko ari ubwoko bwatoranyijwe n'Imana! Ntacyo bazi kandi barashutswe. Mbega ukuntu itorero ryacu rigizwe n'abantu benshi kubarusha kandi rikabarusha n'ubushobozi! Mbega ukuntu muri twe hari abantu benshi bakomeye kandi b'abahanga! Mbega uburyo uruhande rwacu rubarusha imbaraga!" Ngizo imvugo zifite ijambo mu batuye isi, ariko ubu ntabwo ari izo gushingirwaho kuruta uko byari bimeze mu gihe cya Luteri.

Ubugorozi ntibwarangiranye na Luteri nk'uko bamwe babitekereza. Bugomba gukomeza gukorwa kugeza ku iherezo ry'amateka y'isi. Luteri yari afite umurimo ukomeye wo kugeza ku bandi umucyo Imana yari yaramumurikishirije, nyamara ntiyahawe umucyo wose wagombaga guhabwa abatuye isi. Kuva icyo gihe kugeza ubu, umucyo mushya wakomeje kujya umurika ku Byanditswe Byera kandi ukuri gushya gukomeza kujya guhishurwa.

Imvugo y'intumwa ya Papa yatangaje cyane abagize inama nkuru y'abategetsi bakuru. Luteri ntiyari ari aho ngo avuguruze iyo ntumwa ya Papa y'akataraboneka akoresheje ukuri kumvikana kandi kwemeza imitima ko mu Ijambo ry'Imana. Nta muntu n'umwe wagerageje kurengera umugorozi Luteri. Muri rusange hagaragaye umwuka utari uwo kumuciraho iteka ndetse n'inyigisho yigishaga gusa ahubwo wari uwo kurandura ubuyobe bibaye bishobotse. Roma yari yabonye uburyo bwiza bwo kurengera uruhande rwayo. Ibyo yashoboraga kuvuga byose ngo yirengere byari byavuzwe, nyamara ibyo byasaga n'insinzi byari ikimenyetso cyo gutsindwa. Kuva icyo gihe, itandukaniro hagati y'ukuri n'ikinyoma ryari kurushaho kugaragara neza ubwo ukuri n'ibinyoma byari guhangana mu rugamba ku mugaragaro. Kuva icyo

114 -D'Aubigné, b.7, ch.3.

gihe Roma ntiyari kuzagira umutekano nka mbere.

Nubwo umubare munini w'abari bateraniye muri iyo nama bari biteguye gutanga Luteri ngo Roma imwihimureho; benshi muri bo babonye kandi bababazwa cyane n'ubuhenebere bwari mu itorero, kandi bifuzaga ko havaho ibyababazaga Abadage byaterwaga no gushayisha mu bibi n'umururumba wo kwirundanyaho ubutunzi byarangagaga abayobozi bakuru b'itorero. Intumwa ya Papa yari yerekanye igitugu cy'ubutegetsi bwa Papa mu buryo bugaragara. Ubwo ni bwo Uhoraho yakoze ku mutima w'umwe mu bagize iyo nama y'abategetsi bakuru kugira ngo agaragaze neza ingaruka z'igitugu cy'ubutegetsi bwa Papa. Uwitwa George w'i Saxony yahagurukanye isheja muri iryo teraniro ry'ibikomangoma maze yatura ku mugaragaro ubuhendanyi n'ibizira ubupapa bwakoraga ndetse n'ingaruka zabyo ziteye ubwoba. Yasoje ijambo rye agira ati:

"Dore bimwe mu bikorwa bibi biregwa Roma. Ntibakigira isoni, icyo bitayeho ni ikintu kimwe gusa. . . amafaranga, amafaranga, ukongera uti . . . amafaranga ku buryo ababwiriza bari bakwiriye kwigisha ukuri batagira ikindi bavuga kitari ibinyoma kandi uretse no kubererekera ibinyoma bagororeraga ababivuga kuko uko ibinyoma byabo birushaho gukwira ni ko inyungu zabo zirushaho kwiyongera. Muri iyo soko y'imyanda niho haturuka amazi nk'ayo y'ibirohwa. Kwangirika mu mico mbonera byaramburiye ukuboko umururumba wo kurundanya ubutunzi. Akaga katejwe n'abayobozi bakuru mu idini ni ko karoha benshi mu irimbukiro. Ubugorozi rusange bugomba gukorwa."[115]

Luteri ubwe ntiyari kubasha kuvuga amagambo yo akomeye yo kwamagana ibibi byakorwaga n'ubuyobozi bwa Papa, kandi kubera ko George uwo wavugaga yari umwanzi ukomeye w'ubugorozi byatumye amagambo ye agira imbaraga ikomeye.

Iyo amaso y'abari bateraniye aho ajya guhwezwa, bajyaga kubona ingabo z'abamarayika b'Imana bari hagati yabo bakwirakwiza imyambi y'umucyo mu mwijima w'ibinyoma barimo kandi bakingurira intekerezo n'imitima byabo kwakira ukuri. Imbaraga y'Imana y'ukuri n'ubwenge bwose niyo yategekaga n'abanzi b'Ubugorozi kandi muri ubwo buryo itegurira inzira umurimo ukomeye wari ugiye gukorwa. Ntabwo Martin Luteri yari ahari ariko ijwi ry'Uruta Luteri ryari ryumvikaniye mu iteraniro.

Inama y'abategetsi bakuru yahise ishyiraho akanama gato ko gutegura urutonde rw'akarengane kose ubupapa bwari bwashyiraga ku Badage. Urwo rutonde rwari rufite ingingo ijana n'imwe rwashyikirijwe umwami w'abami kandi banamusaba guhita afata ingamba zo gukosora ako karengane. Abasabaga ibyo baravuze bati: " Mbega ubwambuzi no kunyaga biranga amarorerwa atamirije ubuyobozi bukuru bw'ibya Mwuka mu Bukristo! Ni inshingano yacu gutuma hatabaho kurimbuka no guteshwa agaciro kw'abaturage bacu. Kubera iyi mpamvu turagusaba twicishije bugufi cyane ariko by'ikubagahu ko wategeka ko habaho ivugurura (ubugorozi) rusange kandi rigatangira gushyirwa mu bikorwa."[116]

Abari mu nama bahise basaba ko umugorozi Luteri yazanwa imbere yabo. Hatitawe ku kwinginga, kurwanya n'ibikangisho bya Aleyandere, amaherezo

115 -D'Aubigné, b.7, ch.4.

116 D'Aubigné, b.7, ch.4.

umwami w'abami yaremeye maze Luteri ahamagarirwa kwitaba imbere y'inama nkuru y'abategetsi. Uko guhamagarirwa kwitaba kwajyaniranye no guhabwa urwandiko rw'inzira rumuhesha uburenganzira bwo kuzagaruka aho afite umudendezo. Izo mpapuro zajyanwe i Wittenberg n'umugabo w'intwari wari ushinzwe kuzamugeza i Worms.

Incuti za Luteri bagize ubwoba kandi zirahangayika. Kubera ko bari bazi inzika n'urwango abo bantu bafitiye Luteri, batinye ko n'urwandiko rw'inzira yari afite rutari bwubahirizwe maze bamwingingira kudashyira ubuzima bwe mu kaga. Yarabasubije ati: "Abayoboke ba Papa ntibifuza ko ngera i Worms, ahubwo bashaka ko nshirwaho iteka kandi ngapfa. Ariko ntacyo bitwaye. Ntimunsabire ahubwo musabire Ijambo ry'Imana. Kristo azampa Mwuka we kugira ngo mbashe gutsinda abo bakozi barwanira ikinyoma. Sinzigera nemera ibyabo kandi nzabatsindisha urupfu rwanjye. Bari gukora hirya no hino i Worms bashaka uko bampatira kwisubiraho, ariko dore kwisubiraho kwanjye uko ari ko: Nigeze mvuga ko Papa ari umusimbura wa Kristo; ariko noneho ubu mvuze ko Papa ari umwanzi wa Kristo ahubwo ni intumwa ya Satani."[117]

Ntabwo Luteri yajyaga gukora urwo rugendo rurimo akaga wenyine. Uretse intumwa y'umwami, hari n'abandi bantu batatu b'incuti ze magara biyemeje kumuherekeza. Uwitwa Melanchthon yifuje cyane kujyana nabo. Umutima we wari womatanye n'uwa Luteri bityo yifuza kumukurikira byaba ngombwa bakajyana muri gereza cyangwa bagapfana. Nyamara Luteri yanze kwinginga kwe. Iyo Luteri aza gupfa , ibyiringiro by'Ubugorozi byagombaga kuzashingira kuri uwo bakoranaga wari ukiri umusore. Ubwo Luteri yasezeraga kuri Melanchthon yaravuze ati: "Nindamuka ntagarutse maze abanzi banjye bakanyica, uzakomeze kwigisha kandi uzashikame mu kuri. Kora mu cyimbo cyanjye...Wowe nurokoka, urupfu rwanjye ntacyo ruzaba ruvuze."[118]

Abanyeshuri benshi n'abaturage bari bateranyijwe no kubona uko Luteri ari bugende bagize agahinda kenshi. Imbaga y'abantu benshi bari barakozwe ku mutima n'ubutumwa bwiza bamusezeyeho barira. Uko ni ko Umugorozi n'abamuherekeje bafashe urugendo bava i Wittenberg.

Mu rugendo Luteri babonaga ko intekerezo z'abantu ziremerewe n'ubwoba. Mu mijyi imwe, ntibigeze babacira akari urutega. Ubwo bahagararaga ngo bacumbike, umupadiri wamukundaga yagaragaje ubwoba afite akoresheje kwereka Luteri igishushanyo cy'umugorozi w'Umutaliyani wari warishwe azize kwizera kwe. Umunsi wakurikiyeho baje kumenya ko inyandiko za Luteri zaciwe i Worms. Intumwa ziturutse i bwami zagendaga zamamaza iteka ry'umwami w'abami kandi zikararikira abantu kuzana izo nyandiko zaciwe bakazishyikiriza abacamanza. Wa muherekeza w'intwari aza gutinya ko Luteri atari bugirire umutekano muri iyo nama bagiyemo kandi atekereje ko Luteri yabasha kugamburura ku mwanzuro we, yamubajije niba acyifuza gukomeza urugendo. Luteri yaramusubije ati: "Nubwo namaganwe mu mijyi yose, ndakomeza ngende."[119]

117 -D'Aubigné, b.7, ch.6.
118 -D'Aubigné, b.7, ch.7.
119 -D'Aubigné, b.7, ch.7.

Ageze ahitwa Erfurt, yakiranwe icyubahiro. Yakikijwe n'imbaga y'abantu yamwishimiraga, yanyuze mu nzira yari yaranyuzemo kenshi yitwaje isakoshi yakoreshaga asabiriza. Yasuye aho yari yarabaye mu kigo cy'abihaye Imana kandi yibuka intambara yanyuzemo mbere y'uko mu mutima we yakira ukuri kwakwiraga mu Budage hose muri icyo gihe. Bamurarikiye kubwiriza kandi yari yarabibujijwe; ariko umuherekeza we yamuhaye uruhusa rwo kubikora maze umupadiri wari warigeze kuba umukozi ukora imirimo y'agahato kandi isuzuguritse mu kigo cy'abihaye Imana noneho ajya kuri aritari (uruhimbi).

Imbaga y'abantu yari iteraniye aho yayibwiye amagambo ya Kristo ati: "Amahoro abe muri mwe." Yakomeje agira ati: "Abacurabwenge, intiti n'abanditsi bakoze ibishoboka byose ngo bigishe abantu uburyo bwo kubona ubugingo buhoraho nyamara ntibageze ku ntego. Nyamara njyeweho ndababwira ubwo buryo:...Hari Uwo Imana yazuye mu bapfuye kugira ngo arimbure urupfu, abe impongano y'icyaha kandi afunge amarembo y'ikuzimu; uwo ni Umwami Yesu Kristo. Uyu ni wo murimo w'agakiza ...Kristo yaratsinze! Iyi ni inkuru ishimishije; kandi twakijijwe n'umurimo yakoze ntabwo ari umurimo wacu ubwacu. ...Umwami wacu Yesu Kristo yaravuze ati, 'Amahoro abe muri mwe; nimurebe ibiganza byanjye.' Ibyo ni ukuvuga ngo; 'Yewe muntu, reba! Ni jye, jye jyenyine wakuyeho ibyaha byawe, ndagucungura none ubu ufite amahoro. Ni ko Umwami avuga.'"

Yakomeje yerekana ko ukwizera nyakuri kuzagaragazwa n'imibereho itunganye. Yaravuze ati: " Kuva Imana yaradukijije, ni mutyo dushyire ibikorwa byacu kuri gahunda kugira ngo bibashe kuba ibiyishimisha. Mbese waba ukize? Reka ibyo utunze bigirire abakene akamaro. Mbese waba uri umukene? Reka ibyo ukorera umukire bimushimishe. Niba umurimo wawe ari wowe wenyine ufitiye akamaro, umurimo wibwira ko ukorera Imana ni ikinyoma."[120]

Abantu bamuteze amatwi batwawe rwose. Umutsima w'ubugingo wamanyaguriwe abo bashonji. Kristo ni we wererejwe imbere yabo kandi arutishwa ba Papa, ibisonga byabo, abami b'abami ndetse n'abami bose. Ntabwo Luteri yigeze abahishurira ko ari mu kaga. Ntabwo yashatse ko bamutekerezaho cyangwa ko bamugirira impuhwe. Kubera Kristo yariyibagiwe ubwe. Yihishe inyuma y'Uwababambwe i Karuvali agendereye gusa kwerekana ko Yesu wenyine ari we Mucunguzi w'umunyabyaha.

Ubwo Luteri yakomezaga urugendo rwe, aho yanyuraga hose bamurebanaga amatsiko menshi. Abantu benshi bazaga kumuzenguruka bazanywe no kumuburira iby'imigambi abayoboke ba Roma bamufitiye. Bamwe baravugaga bati: "Bazagutwika bakugire ivu nk'uko batwitse Huse." Luteri yarabasubizaga: "Nubwo bacana umuriro mu nzira yose kuva i Worms kugera Wittenberg, ndetse ibirimi byawo bikaba bigera ku ijuru, nzawunyuramo mu izina rya Yesu-Umukiza, nzagera imbere yabo. Nzinjira mu mikaka y'iki gikoko maze nkure amenyo yacyo mpamya Umwami Yesu Kristo." [121]

Inkuru ivuga ko ari hafi kugera i Worms yateye abantu ubwoba bwinshi. Incuti ze zahindaga umushitsi kubwo umutekano we naho abanzi be bo bari batewe ubwoba n'uko umurimo wabo utaragera ku ntego yawo. Hakoreshejwe imbaraga nyinshi

120 D'Aubigné, b.7, ch.7.
121 D'Aubigné, b.7, ch.7.

cyane kugira ngo bamwumvishe ko adakwiriye kwinjira muri uwo mujyi. Biteguwe n'abari mu ruhande rwa Papa, bamugiriye inama yo kwemera ko yaruhukira mu nzu y'umusirikare w'incuti ye aho bibwiraga ko ibibazo bikwiriye gukemurirwa aho mu bwumvikane. Incuti za Luteri zihatiye kumutera ubwoba zimubwira ibyago bimutegereje. Umuhati wose bakoresheje wabaye imfabusa. Luteri wari utaracika intege yaravuze ati: "Nubwo i Worms haba abadayimoni bangana n'amategura y'ibisenge by'amazu yaho, uko byagenda kose nzahinjira."[122]

Ubwo Luteri yari ageze i Worms, imbaga y'abantu benshi yaje ku marembo y'uwo mujyi. Imbaga nk'iyo ntiyari yarigeze iteranira gusanganira n'umwami w'abami ubwe. Hari ubwoba bwinshi cyane, kandi muri iyo mbaga y'abantu havaga ijwi rito ry'umuntu uririmba indirimbo yo gushyingura nk'umuburo uri guhabwa Luteri kubera urwari rumutegereje. Ubwo yavaga mu igare ryari rimutwaye, yaravuze ati: "Imana niyo izandengera."

Ntabwo abayoboke ba Papa bari barizeye ko Luteri abasha guhangara kuboneka i Worms maze kuhagera kwe kubuzuza ubwoba bwinshi. Umwami w'abami yahise atumiza abajyanama be ngo barebe icyo bakora. Umwe mu bisonga bye bikomeye wari ukomeye ku mahame y'ubupapa yaravuze ati: "Twamaze igihe kirekire tuvuga kuri iki kibazo. Nyakubahwa icyo wakora ni uguhita wikiza uriya muntu. Mbese Sigismond ntiyatwikishije Huse? Ntabwo turebwa no gutanga cyangwa kubahiriza urwandiko rw'inzira rw'umuhakanyi." Umwami w'abami arasubiza ati: "Oya, tugomba gukora ibyo twasezeranye."[123] Bityo hafashwe icyemezo ko Luteri yategwa amatwi.

Abo mu mujyi bose bari bafite amatsiko yo kubona uwo muntu w'akataraboneka maze bidatinze abashyitsi benshi baje kumureba buzura aho yari acumbitse. Luteri yari atarakira neza indwara yari aherutse kurwara; yari ananijwe n'urugendo yari amazemo ibyumweru bibiri byuzuye. Yagombaga kwitegura uko yari kuzifata muri gahunda y'umunsi ukurikiyeho bityo yari akeneye gutuza no kuruhuka. Ariko abantu benshi bifuzaga kumubona ku buryo yari aruhutse amasaha make cyane ubwo abakomeye, abapadiri na rubanda bateraniye aho ari bafite amatsiko. Muri abo bantu harimo benshi bo mu bakomeye bari barasabye umwami w'abami ko habaho ivugurura ku bintu bibi bikorwa mu itorero kandi nk'uko Luteri abivuga, "bari baraheshejwe umudendezo n'ubutumwa bwe."[124] Abanzi kimwe n'incuti bose baje kureba uwo mupadiri utagira ubwoba; ariko yabakiranye gutuza atajegajega, agasubizanya bose ikinyabupfura n'ubwenge. Kwihangana kwe kwari gushikamye kurimo ubutwari. Mu maso he hari hananutse hari ibimenyetso by'umunaniro n'uburwayi nyamara kandi hagaragaraga ubugwaneza n'ibyishimo. Uburemere no kudakebakeba by'amagambo ye byamuhaye imbaraga n'abanzi be batashoboraga gutsinda. Incuti ze n'abanzi be buzurwaga no gutangara. Bamwe bemeraga ko akoreshwa n'imbaraga mvajuru, abandi bakavuga nk'uko Abafarisayo bavugaga kuri Kristo bati: "Arimo dayimoni."

Umunsi wakurikiyeho, Luteri yarahamagawe ngo aze imbere y'inama y'abategetsi

122 Ibid., b.7, ch.7.

123 D'Aubigné, b.7, ch.8.

124 - Martyn, p.393.

bakuru. Umusirikari mukuru w'ibwami yari yashyinzwe kumuzana mu cyumba cy'inama ariko yahageze biruhanyije kuko ahantu hose mu nzira hari huzuye abantu bashakaga kureba uwo mupadiri watinyutse kurwanya ubutegetsi bwa Papa.

Igihe Luteri yari agiye kwinjira ngo ajye imbere y'abamuciraga urubanza, umusirikare mukuru wari ushaje wari warabaye intwari mu ntambara nyinshi, yamubwiranye ubwitonzi ati: "Nyabusa Padiri, nyabusa padiri, ubu ugiye kunyura mu bikomeye yaba njye ubwanjye cyangwa abandi basirikare bakuru bose batigeze banyuramo mu ntambara zisesa amaraso twarwanye. Ariko niba uzi ko urwanira ukuri kandi ukaba ubizi neza, jya mbere mu izina ry'Imana, ntugire icyo utinya. Ntabwo Imana izagutererana." [125]

Amaherezo Luteri yahagaze imbere y'inama y'abategetsi bakuru. Umwami w'abami yari yicaye ku ntebe y'ubwami. Yari akikijwe n'abakomeye bo mu bwami bwe. Nta wundi muntu wari warigeze yitaba imbere y'inama ikomeye itangaje nk'iyo Luteri yari ahagaritswe imbere kugira ngo asobanure ibyo kwizera kwe. "Uko kuboneka aho ubwabyo byari ikimenyetso cyo gutsindwa k'ubupapa. Papa yari yaramaze kumuciraho iteka, none ubu yari ahagaze imbere y'urukiko rurusha Papa ubushobozi. Papa yari yaramuciye , kandi yari yaramugize ruvumwa mu bantu bose. Ariko noneho yari yahamagawe mu mvugo imwubaha kandi yakirwa imbere y'imbaga y'abanyacyubahiro bakomeye kuruta abandi ku isi. Papa yari yaramuciriye urubanza ko agomba gucecekeshwa burundu none yari agiye kuvugira imbere y'abantu benshi bamuteze amatwi bafite amatsiko bari bavuye mu bihugu byose bya Gikristo. Ibikorwa bya Luteri byari byateje impinduramatwara ikomeye. Roma yari yamaze kumanuka iva ku ntebe yayo y'ubwami kandi ijwi ry'umupadiri ni ryo ryateye uko gucishwa bugufi." [126]

Imbere y'iyo nteko y'abakomeye, umugorozi Luteri wari waravukiye mu muryango woroheje cyane, yasaga n'ufite ipfunwe kandi yabuze amahwemo. Ibikomangoma byinshi bibonye inkeke afite ku mutima, byaramwegereye maze umwe muri bo aramwongorera ati: "Ntutinye abica umubiri badashobora kwica ubugingo." Undi yaravuze ati: "Nibakujyana imbere y'abategeka n'abami ku bwanjye, Mwuka wa So niwe uzaguha ibyo uzahavugira. " Uko niko amagambo ya Kristo yavuzwe n'abakomeye bo mu isi kugira ngo bakomeze umugaragu we mu isaha yo gucirwa urubanza.

Luteri yajyanywe imbere y'intebe y'umwami w'abami. Habayeho guceceka gukomeye muri iyo mbaga yari iteraniye aho. Bityo umusirikare mukuru w'ibwami yarahagurutse atunga urutoki imizingo y'inyandiko za Luteri maze asaba Luteri gusubiza ibibazo bibiri abajijwe. Icya mbere, yabajijwe niba yemera ko izo nyandiko ari ize, icya kabiri, niba yemera kwivuguruza akareka ibitekerezo yanditse muri ibyo bitabo. Imitwe y'ibyo bitabo yari yasomwe, maze ku kibazo cya mbere Luteri asubiza ko yemera ko ibyo bitabo ari ibye. Yaravuze ati: "Ku kibazo cya kabiri, kubera ko ari ikibazo kirebana no kwizera n'agakiza k'abantu, kandi kikaba kinibasiye Ijambo ry'Imana ryo butunzi bukomeye kandi buruta ubundi haba mu ijuru no mu isi, ndamutse nsubije ntabanje gutekereza naba mpubutse. Kuko nihandagaje bishoboka

125 D'Aubigné, b.7, ch.8.

126 D'Aubigné, b,7, ch.8.

ko navuga bike ku bisabwa cyangwa ibirenze ibyo ukuri gusaba bityo nkaba nshumuye ku cyo Kristo yavuze ati: "Ariko uzanyihakanira imbere y'abantu wese, nanjye nzamwihakanira imbere ya Data uri mu ijuru."[127] Kubera iyo mpamvu, mu kwicisha bugufi kose, ndagusaba nyakubahwa mwami w'abami ngo umpe umwanya kugira ngo mbashe gusubiza ntatukishije Ijambo ry'Imana."[128]

Mu gusaba atyo Luteri yabikoranye ubwenge. Abari bateraniye aho bahise bemera ko Luteri adahubuka mu byo akora atabanje gutekereza. Ubwo bwitonzi no kwitegeka bitari byitezwe mu muntu wari waragaragaje ko adakangishwa kandi ntagamburure, byamwongereye imbaraga bituma nyuma y'aho abasha gusubizanya ubwitonzi, yafashe icyemezo kandi agifatanye ubwenge ndetse agaragaza n'icyubahiro byatangaje kandi bica intege abamurwanyaga, ndetse bigacyaha agasuzuguro n'ubwibone byabo.

Bukeye bwaho, yagombaga kwitaba kugira ngo atange igisubizo cye giheruka. Igihe yatekerezaga imbaraga zari zibumbiye hamwe ngo zirwanye ukuri, umutima we waramusimbukaga. Kwizera kwe kwarahungabanye maze agira gutinya, ahinda umushyitsi maze ubwoba bwinshi buramutaha. Akaga karushagaho kwiyongera imbere ye, abanzi be basaga n'abenda gutsinda kandi imbaraga z'umwijima zisa n'izenda kunesha. Ibicu by'umwijima byari bimugose kandi byasaga n'ibimutandukanyije n'Imana. Yumvaga akeneye ibyiringiro ko Uhoraho nyiringabo azabana nawe. Muri ako gahinda, yubamye hasi maze asuka amaganya no gutaka kwe bitagiraga umuntu wabashaga kubisobanukirwa uretse Imana yonyine.

Yaringinze ati: "Ayi, Mana ishobora byose! Mana ihoraho! Mbega ukuntu isi ari ingome! Dore yasamuye akanwa kayo ngo imire, kandi mfite ibyiringiro bike muri Wowe!. . . Niba ngomba kwiringira imbaraga z'ab'iyi isi, urwanjye rwaba rwushe!. . . Isaha yanjye ya nyuma irageze, namaze gucirwa urubanza. . . Mana!, Mana!. . . Mfasha ngo nsinde abanyabwenge bose bo ku isi. Bikore Mana,.. Wowe wenyine;...kuko uyu atari umurimo wanjye, ahubwo ni uwawe. Ntacyo mfite nakora aha, ntacyo mfite kuvugana n'abakomeye b'isi. . . Ariko umurimo ni uwawe, . . . kandi ni umurimo utunganye kandi w'iteka ryose! Nyagasani, mfasha! Mana ikiranuka kandi idahinduka! Siniringiye umuntu uwo ari we wese. . . Iby'umuntu byose ntibyizerwa; ikimukomokaho cyose kiragwaguza. Wampisemo ngo nkore uyu murimo. . . Mana mba iruhande, kubw'Umwana wawe ukunda Yesu Kristo, we murengezi wanjye, ingabo inkingira n'igihome gikomeye."[129]

Imana nyiri ubwenge bwose yatumye Luteri asobanukirwa n'akaga kamutegereje kugira ngo atiringira imbaraga ze bwite kandi ngo agire amakenga ye kwishora mu kaga. Nyamara gutinya umubabaro yari kugira, ubwoba bw'iyicarubozo cyangwa urupfu byasaga nibimutegereje ntabwo ari byo byatumye ubwoba bwinshi bumutaha. Ahubwo yari ageze mu gihe gikomeye cyane kandi yumvaga adafite imbaraga zihagije zo guhangana nacyo. Umurimo w'ukuri wajyaga gutsindwa bitewe n'intege nke ze. Yakiranije Imana asenga adaharanira umutekano we bwite ahubwo agamije insinzi y'Ubutumwa bwiza. Umubabaro n'intambara byari mu

127 Matayo 10:33

128 -D'Aubigné, b.7, ch.8.

129 D'Aubigné, b.7, ch.8.

mutima we byari bimeze nk'ibya Isiraheli muri rya joro ku nkengero z'akagezi ari wenyine. Nk'uko byabaye kuri Isiraheli nawe yatsinze urwo rugamba rwo gukirana n'Imana. Mu ntege nke ze, ukwizera kwe kwagundiriye Kristo we Murengezi ukomeye. Yakomejwe n'ubwishingizi yahawe ko atazahagarara imbere y'urukiko wenyine. Amahoro yagarutse mu bugingo bwe kandi ashimishwa n'uko yemerewe kwerereza Ijambo ry'Imana imbere y'abategetsi b'ibihugu.

Intekerezo ze yakomeje kuzihanga Imana maze yitegura urugamba rwari rumuri imbere. Yatekereje uko ari busubize, asesengura ibyanditswe mu nyandiko ze maze atoranya amasomo amwe muri Bibiliya akwiriye gushyigikira imitekerereze ye. Bityo, yarambitse ikiganza cye cy'ibumoso kuri icyo Gitabo Cyera (Bibiliya) cyari kirambuye imbere ye maze azamura ikiganza cy'iburyo agitunga mu ijuru arahira ko "azakomeza kuba indahemuka ku butumwa bwiza kandi ko azahamya kwizera kwe nubwo byaba ngombwa ko abihamisha kumena amaraso ye."[130]

Yongeye kugarurwa imbere y'inama y'abategetsi bakuru, mu maso he ntihagaragaraga ubwoba cyangwa guhangayika. Yari atuje, afite amahoro, ubutwari no gukomera maze ahagarara nk'umuhamya w'Imana hagati y'abakomeye b'isi. Umusirikare mukuru w'ibwami yamubajije umwanzuro we niba yifuza kureka inyigisho ze. Luteri yamusubizanyije ijwi ryoroheje ryicishije bugufi, atarakaye cyangwa ababaye. Imyitwarire ye yari ituje kandi arangwa no kubaha, nyamara yerekanaga ibyiringiro n'umunezero byatangaje abari muri iyo nama.

Luteri yaravuze ati: "Nyakubahwa mwami w'abami, bikomangoma, bakuru b'ubutegetsi! Mpagaze imbere yanyu uyu munsi nkurikije itegeko nahawe ejo, kandi kubw'imbabazi z'Imana ndabinginga nyakubahwa namwe abakomeye ngo mwumve neza uko nisobanura ku byerekeye umurimo nzi neza ko utunganye kandi ari ukuri. Ndabiseguraho ngo kubwo kutabimenya, nindamuka nishe amabwiriza y'imvugo ikoreshwa mu nkiko, ndabinginze mumbabarire; kuko ntarerewe mu bikari by'abami, ahubwo narerewe ahantu hiherereye mu kigo cy'abihaye Imana."[131] -

Bityo avuga ku kibazo yabajijwe maze avuga ko ibitabo yanditse byose bidahuje. Muri bimwe, yari yaranditse ibyerekeranye no kwizera n'imirimo myiza kandi n'abanzi be ntibavuze gusa ko ibyo bitabo ntacyo bitwaye ko ahubwo binafitiye abantu akamaro. Kwisubiraho akavuguruza ibyo bitabo byaba ari uguciraho iteka ukuri abantu bose bemeye. Umugabane wa kabiri w'ibitabo bye wari ugendereye kugaragaza gushayisha mu bibi ndetse n'amahano yakorwaga n'ubuyobozi bw'ubupapa. Gukuraho izo nyandiko byaba ari ugutera imbaraga iterabwoba rya Roma kandi bigakingurira amarembo magari ibibi byinshi kandi bikomeye. Naho mu mugabane wa gatatu w'ibitabo bye, yemera ko yarwanyije abantu ku giti cyabo bari barashyigikiye ibibi byariho. Ku byerekeye ibi uwo mugabane wa gatatu, yemeye adahatwa ko yabatonetse cyane kurenza uko byari ngombwa. Ntabwo yigiraga intungane; ariko kandi n'ibyo bitabo ntiyashoboraga kuvuga ko byavaho kuko iyo akora atyo byari gutera ishema abanzi b'ukuri, bityo bari kuboneraho urwaho rwo kurimbura ubwoko bw'Imana babakorera ubugome bukomeye cyane.

Yakomeje agira ati: "Nyamara njye ndi umuntu usanzwe, ntabwo ndi Imana.

130 -D'Aubigné, b.7, ch.8.

131 -D'Aubigné, b.7, ch.8.

Kubw'ibyo, ndisobanura nk'uko Kristo yabigenje: 'Niba hari ikibi navuze, abe ari cyo munshinja.' . . . Kubw'imbabazi z'Imana, ndabasabye nyakubahwa mwami w'abami namwe bikomangoma, namwe mwese buri wese mu banyacyubahiro cye kugira ngo munyereke aho nibeshye mukoresheje inyandiko z'intumwa n'abahanuzi. Nimara kwemezwa ibyo, ndahita ndeka ayo makosa kandi ndaba uwa mbere mu gufata ibitabo byanjye no kubijugunya mu muriro.

"Niringira ko, ibyo navuze neruye byerekana ko nagenzuranye ubwitonzi kandi nsesengura akaga niyemeje kwishyiramo. Ariko aho kugira ngo mbe mfite ubwoba, nk'uko byabaye mu bihe byahise, nshimishwa no kubona ko ubu butumwa bwiza ari bwo ntandaro y'amakuba no gutandukana. Iyi ni yo miterere y'Ijambo ry'Imana ari na ryo herezo ryaryo. Yesu Kristo yaravuze ati: 'Sinazanye amahoro mu isi keretse inkota. 'Mu nama zayo, Imana iratangaje kandi irakomeye. None mwitonde mudatoteza ijambo ryera ry'Imana kandi mukikururira akaga gateye ubwoba k'ingorane mudashobora gusimbuka z'ibyago byababaho ubu no kurimbuka kw'iteka ryose byaterwa no kwibwira ko mugamije guhosha amacakubiri. Natanga ingero nyinshi zivuye mu byo Imana yandikishije. Navuga ibya ba Farawo, abami b'i Babuloni n'abo mu Isiraheli batigeze bakora ibibazanira kurimbuka nk'igihe batekerezaga ko bari gukomeza ubwami bwabo bakoresheje inama zasaga n'aho zuzuye ubushishozi. 'Imana yakuyeho imisozi nabo ntibabimenya.'"[132]

Luteri yari yavuze mu Kidage noneho bamusaba gusubira mu byo yavuze mu Kiratini. Nubwo yari ananijwe n'ibyo yari amaze kuvuga, yakoze ibyo asabwe maze asubira muri ya magambo mu mvugo yumvikana neza n'imbaraga nk'izo yakoresheje mbere. Ubuntu bw'Imana bwamuyoboye muri iki kibazo. Ibitekerezo bya benshi mu bikomangoma byari byarahumishijwe n'amakosa no kwemera mu buhumyi ku buryo ubwo yavugaga bwa mbere batabashije kubona imbaraga z'imitekerereze ya Luteri ariko ubwo yabisubiragamo nibwo bashoboye gusobanukirwa neza n'ingingo yavugaga.

Abahumye amaso yabo ngo batabona umucyo kubwo kwinangira kandi bakaba bari barinangiye ngo batemera ukuri, nibo barakajwe cyane n'imbaraga y'amagambo ya Luteri. Ubwo yari amaze kuvuga, umuvugizi w'inama y'abategetsi bakuru yavuganye ubukana ati: "Ntiwasubije ikibazo wababajijwe. . . Usabwa gutanga igisubizo cyumvikana kandi cyahuranyije. Mbese urisubiraho cyangwa nturisubiraho?"

Umugorozi Luteri yarasubije ati: "Nk'uko nyakubahwa umwami nawe mutware munsaba igisubizo cyumvikana, cyoroshye kandi cyahuranyije, ndabaha igisubizo kimwe gusa, ari cyo iki: "Sinshobora kureka kwizera kwanjye ku bwa Papa cyangwa kubwo inama, kuko bigaragara neza yuko akenshi bagiye bakora amakosa kandi bakavuguruzanya. Nuko rero keretse gusa nibanyemeza bakoresheje ubuhamya bwo mu Byanditswe Byera cyangwa ingingo yumvikana neza, keretse kandi gusa ninemezwa n'amwe mu magambo nanditse ndetse bakumvisha umutima wanjye bakoresheje Ijambo ry'Imana, naho ubundi sinshobora kandi sinzigera nisubirahokuko umukristo watura ibinyuranyije n'iby'umutimanama umwemeza, aba yishyize mu kaga. Dore mpagaze hano, nta kindi mbasha gukora; Imana

132 D'Aubigné, b.7, ch.8.

imfashe. Amina!"[133]-

Nguko uko uwo mukiranutsi yahagaze ashikamye ku rufatiro nyakuri rw'Ijambo ry'Imana. Umucyo wo mu ijuru warasiye mu maso he. Ugukomera kwe n'ubutungane bw'imico ye, amahoro n'ibyishimo yari afite mu mutima we byagaragariye bose ubwo yahinyuzaga imbaraga kandi agahamya isumbwe ry'uko kwizera kunesha isi.

Abari bateraniye aho bose bamaze akanya bacecetse bumiwe. Mu gisubizo cye cya mbere, Luteri yari yavuganye ijwi ryoroheje, agaragaza kubaha no kwicisha bugufi cyane. Abo mu ruhande rwa Papa bari bibwiye ko ibyo ari ikimenyetso cyo gutangira kudohoka. Bafashe ko uko gusaba guhabwa umwanya kugira ngo abone kuvuga, bikaba ari ibibanziriza kwisubiraho kwe. Umwami w'abami Charles (Karoli) ubwe, amaze kubona uko Luteri yari amerewe nabi, imyambaro yoroheje yari yambaye ndetse n'imvugo ye yoroheje, byari byaratumye avugana agasuzuguro ati: "Ntabwo uyu mupadiri ari we uzigera antera kuba umuhakanyi." Ariko ubutwari no gushikama Luteri yerekanye ndetse n'imbaraga n'uburyo ibitekerezo bye byumvikanaga neza, byatangaje abari aho bose. Umwami w'abami ntiyashoboye kubyihanganira maze aravuga ati: "Uriya mupadiri avugana umutima utagira ubwoba ndetse n'ubutwari butanyeganyezwa." Abenshi mu bikomangoma by'Ubudage barebanye ishema n'ibyishimo uwo muyobozi mukuru w'igihugu cyabo.

Abari bashyigikiye Roma bari batsinzwe, uruhande bari bahagazemo byagaragaraga ko rugeze habi. Bashakaga uko bagumana ubutegetsi badashingiye ku Byanditswe ahubwo bakifashisha ibikangisho kuko ari byo byari ingingo idatsindwa Roma yakoreshaga. Umuvugizi w'inama y'abategetsi bakuru yaravuze ati: "Niba utisubiyeho, Umwami w'abami ndetse n'intara zigize ubwami bwe bari bujye inama barebe igihano kigenerwa umuyobe wanga kumva."

Incuti za Luteri zari zateze amatwi kwiregura kwe zifite ibyishimo, noneho zahindijwe umushyitsi no kumva ayo magambo, ariko Luteri wari umunyabwenge buhanitse we ubwe yavuganye ituza ati: "Imana imfashe! Kuko nta na kimwe mbasha kwisubiraho."[134]

Ubwo ibikomangoma byajyaga inama y'icyakorwa, bamusohoye muri iyo nama. Buri wese yabonaga ko igihe cy'akaga gakomeye kigeze. Luteri mu gukomeza kwanga kwisubiraho byajyaga kugira ingaruka y'igihe cy'imyaka myinshi mu mateka y'itorero. Hafashwe umwanzuro wo kumuha andi mahirwe kugira ngo yisubireho. Yazanywe ubuheruka imbere y'inteko y'abantu. Yongeye kubazwa cya kibazo niba yemera kureka inyigisho ze, maze arababwira ati: " Nta kindi gisubizo mfite kirenze icyo natanze." Byagaragaye ko Luteri atabasha kuvanwa ku izima ngo yemere kumvira amabwiriza ya Roma haba hakoreshejwe kugira ibyo bamusezeranira cyangwa kumukangisha.

Abayobozi bakuru bo mu butegetsi bwa Papa bababajwe cyane no kubona ko ububasha bwabo, muri ubwo buryo bushobora gusuzugurwa n'umupadiri woroheje kandi bwari bwarateye abami n'ibikomangoma guhinda umushyitsi. Bifuje kumusukaho umujinya wabo bakoresheje kumwica urubozo. Ariko Luteri

133 D'Aubigné, b.7, ch.8.

134 -D'Aubigné, b.7, ch.8.

wari usobanukiwe n'ibyago yarimo, yari yarabwiranye abantu bose ikinyabupfura no kwitonda bya gikristo. Amagambo ye ntiyarangwagamo ubwibone, uburakari n'amafuti. Luteri yari atacyirebaho cyangwa ngo yite ku bakomeye bari bamuzengurutse, Yiyumvagamo gusa ko ari imbere y'Imana isumba cyane papa, abayobozi bakuru mu idini, abami ndetse n'abami b'abami. Kristo ubwe niwe wavugiraga mu byo Luteri yahamyaga, abihamisha imbaraga n'icyubahiro byatunguye kandi bitangaza incuti ze kimwe n'abanzi be. Mwuka w'Imana yari ari muri iyo nama, agakabakaba imitima y'abayobozi b'igihugu. Benshi mu bikomangoma batuye rwose yuko ibyo Luteri avuga ari iby'ukuri. Benshi baratsinzwe bemera ukuri, ariko ku bandi uko gufatwa kwababayeho ntikwamaze igihe kirekire. Na none hariho irindi tsinda ry'abantu batahise bagaragaza ukwemera kwabo ahubwo bo ubwabo bamaze gusesengura Ibyanditswe, baje guhinduka abashyigikiye ubugorozi batarangwa n'ubwoba.

Igikomangoma Frederiko yari yarategerezanyije amatsiko kuzaboneka kwa Luteri mbere y'inama y'abategetsi bakuru bityo atega amatwi ibyo Luteri yavugaga ahagaritse umutima. Yitegereje ubutwari, ugushikama no kwigengesera Luteri afite, ibyishimo n'ishema, bityo nawe yiyemeza kumurengera no kumurinda amaramaje. Frederiko yagereranyije Luteri n'abamurwanyaga maze abona ubwenge bwa Papa, abami n'abayobozi bakuru mu idini bwahinduwe ubusa n'imbaraga z'ukuri. Ubupapa bwari butsinzwe kandi ibi byajyaga kugaragara mu bihugu byose no mu bihe byose.

Ubwo intumwa ya Papa yabonaga umusaruro uvuye mu magambo ya Luteri, yagiriye impungenge cyane ubutegetsi bwa Roma birenze uko yigeze azigira maze yiyemeza gukoresha ubushobozi bwe bwose ngo akureho umugorozi. Yakoresheje ubuhanga bwose bwo kuvuga n'uburyarya yari afite kurusha abandi benshi maze yereka umwami w'abami wari ukiri muto ubupfapfa n'akaga ko kureka ubucuti no gushyigikirwa n'ububasha bukomeye bwa Roma akabisimbuza kwemera umurimo w'umupadiri udafite agaciro.

Ayo magambo ye ntiyasize ubusa. Ku munsi ukurikira uwo Luteri yitabyeho, umwami w'abami yohereje ubutumwa bwagombaga kubwirwa abagize inama y'abategetsi bakuru, bwavugaga ko yiyemeje gushyira mu bikorwa gahunda y'abamubanjirije yo gushyigikira no kurinda itorero Gatorika. Kubera ko Luteri yari yanze kureka amakosa ye, hagombaga gukoreshwa ingamba zikomeye cyane zo kumurwanya ndetse n'inyigisho z'ubuyobe yigishaga. "Umupadiri umwe, wayobejwe n'ubupfapfa bwe, yarahagurutse ngo arwanye ukwizera kw'abakristo! Nzatanga ubwami bwanjye bwose, umutungo wanjye, incuti zanjye, umubiri, amaraso, umwuka n'ubugingo bwanjye kugira ngo mpagarike ayo marorerwa. Ngiye kurekura Luteri ariko mubuze kongera guteza akaduruvayo mu bantu, hanyuma nzakurikizaho kumurwanya n'abayoboke be kuko ari abahakanyi batumvira. Nzabarwanya nkoresheje kubaca mu itorero, kubimisha amasakaramentu n'ibindi itorero ribagomba ndetse n'uburyo bwose bushoboka kugira ngo bitsembwe. Ndasaba abagize ubutegetsi bose kwitwara nk'abakristo b'indahemuka."[135]

Nubwo byagenze bityo, Umwami w'abami yavuze ko urwandiko rw'inzira rwa Luteri rugomba kubahirizwa, kandi ko mbere yo kumuhagurukira bagomba

135 -D'Aubigné, b.7, ch.9.

kumureka akabanza kugera iwe amahoro.

Ibitekerezo bibiri bihanganye byagaragaye ubwo mu bagize inama y'abategetsi bakuru. Intumwa zikorera mu bwihisho (ba maneko) n'abahagarariye Papa bongeye gusaba ko urwandiko rw'inzira rwahawe Luteri rutitabwaho. Baravuze bati: "Uruzi rwa Rhine rugomba gusukwamo ivu rye nk'uko rwakiriye ivu rya Yohani Huse mu myaka ijana ishize." Ariko ibikomangoma byo mu Budage nubwo nabyo byari mu ruhande rwa Papa, bikaba byari abanzi bakomeye ba Luteri banze kwemera kurenga ku kwizera kw'abantu, babona ko ari igitotsi gishyizwe ku cyubahiro cy'igihugu cyabo. Bagaragaje ibyago byakurikiye urupfu rwa Huse maze bavuga ko batakongera gutinyuka guteza akaga gakomeye nk'ako igihugu cy'Ubudage ndetse n'umwami w'abami wabo ukiri muto.

Umwami Charles ubwe aza gusubiza icyo gitekerezo cy'ubugome ati: "Nubwo icyubahiro no kwizera byacibwa mu isi yose, bigomba kubona ubuhungiro mu mitima y'ibikomangoma." Yakomeje gusabwa n'abanzi gica bo ku ruhande rwa Papa barwanyaga Luteri, bamusaba kugenza uwo mugorozi nk'uko Sigismond yagenje Huse akamugabiza itorero. Ariko umwami yibutse ibyabaye ubwo Huse yerekanaga iminyururu yari imuboshye, akibutsa umwami kwizera yarahiriye, umwami Charles wa V yaravuze ati: "Ntabwo ndagaragaza uburakari bukaze nka Sigismond."- [136]

Nyamara umwami Charles abyihitiyemo, yari yaranze ukuri kwavugwaga na Luteri. Yaranditse ati: "Niyemeje gukurikiza urugero rw'abakurambere nshikamye."[137] Yari yariyemeje kutazareka inzira y'imigenzo nubwo byaba gushaka gukurikira inzira y'ukuri n'ubutungane. Bitewe n'uko ba sekuruza ari ko babikoze, yagombaga gushyigikira ubupapa n'ubwicanyi no gusayisha mu bibi byabwo. Bityo yafashe icyemezo yanga kwakira umucyo uwo ari wo wose uruta uwo abakurambere be bari barakiriye, kandi yanga no kugira icyo ari cyo cyose yakora batigeze bakora.

Hari benshi bameze batyo no muri iki gihe bakomeza kwihambira ku migenzo n'imihango by'abakurambere babo. Iyo Umukiza abohererje umucyo mushya, banga kuwemera bitewe n'uko utigeze uhabwa abakurambere babo. Nyamara ntabwo turi mu bihe bihwanye n'ibya ba sogokuruza, kubw'ibyo rero, ntabwo inshingano zacu zihwanye n'izabo. Ntabwo tuzemerwa n'Imana nidufatira urugero ku bakurambere bacu kugira ngo turushingireho duhamya inshingano yacu ubu aho kugira ngo twe ubwacu twishakire ijambo ry'ukuri. Inshingano yacu ni nini cyane kuruta iy'abakurambere bacu. Tuzabazwa iby'umucyo bakiriye bakawudusigira nk'umurage, nyamara kandi tuzanabazwa umucyo mushya uturasira ubu uturuka mu Ijambo ry'Imana.

Yesu Kristo yabwiye Abayuda banze kwizera ati: "Iyaba ntaje ngo mvugane na bo, ntibaba bafite icyaha: ariko noneho ntibafite uko biregura icyaha cyabo."[138] Imbaraga y'Imana yari yavuganye n'umwami w'abami n'ibikomangoma by'Ubudage inyuze muri Luteri. Kandi uko umucyo wamurikaga uva mu Ijambo ry'Imana niko Mwuka wayo yingingaga ubuheruka abantu benshi bari bateraniye muri iyo nteko. Nk'uko mu binyejana byinshi byari bishize Pilato yari yaratumye ubwibone

136 Lenfant, vol.1.p.422.

137 -D'Aubigné, b.7, ch. 9

138 Yohana 15:22

no kuba ikirangirire binangira umutima we ntiyakire Umucunguzi w'isi; nk'uko Feliki wahindaga umushyitsi yasabye intumwa yigishaga ukuri ati: "None genda, nimbona uburyo, nzagutumira"; nk'uko Agripa wari umwibone yatuye akavuga ati: "Ubuze hato ukanyemeza kuba Umukristo" (Ibyak. 24:25; 26:28); nyamara agatera umugongo intumwa yoherejwe n'ijuru, ni ko umwami Charles wa V yiyemeje kwanga umucyo w'ukuri agakurikiza ubwibone bw'ab'isi na gahunda yabo.

Inkuru z'impuha zivuga ko hari imigambi yo kwica Luteri zakwiragizwaga hose maze zitera imidugararo mu mujyi wose. Umugorozi Luteri yari afite incuti nyinshi zari zizi ubugome bukomeye Roma yagiriraga abantu bose batinyukaga gushyira ahagaragara ibibi byayo, bityo ziyemeza ko atagomba kwicwa. Abantu amagana menshi bo mu bakomeye biyemeje kumurinda. Abandi benshi banengaga ku mugaragaro ubutumwa bw'umwami bwagaragazaga intege nke mu kumvira imbaraga yategekaga ya Roma. Ku miryango y'amazu n'ahagaragara hose hamanitswe ibyapa byinshi bimwe byanditsweho amagambo aciraho iteka Luteri naho ibindi bimushyigikira. Kimwe muri ibyo byapa cyari cyanditsweho amagambo asobanutse y'umunyabwenge wagize ati: "Ugushije ishyano wa gihugu we gitegekwa n'umwami w'umusore, kikagira abatware birirwa mu birori!"[139] Urukundo rubanda rwo mu Budage bwose rwari rufitiye Luteri rwemeje umwami w'abami n'inama y'abategetsi bakuru ko guhohotera Luteri uko ari ko kose kwahungabanya amahoro y'igihugu cyose ndetse no gutekana kw'ubwami.

Ferederiko w'i Saxony yagiraga kwifata, agahishanya ubwitonzi imyumvire ye nyakuri ku byerekeye umugorozi Luteri ariko kandi na none agakomeza kumurinda amwitayeho ubudacogora, agakurikirana ibyo akora byose n'ibyo abanzi be bakora. Nyamara habayeho abandi benshi batigeze bagerageza guhisha impuhwe bafitiye Luteri. Yasurwaga n'ibikomangoma, abakomeye ndetse n'abandi bo mu rwego rwo hejuru baba abarayiki n'abayobozi mu idini. Uwitwa Spalatin yaranditse ati: "Icyumba gito cya dogoteri Luteri nticyashoboraga gukwirwamo abashyitsi bose bazaga."[140] Abantu bamwitegerezaga nk'aho ari umuntu w'indengakamere. N'abatarizeraga inyigisho ze ntibaburaga gutangarira ubwo budahemuka bwe bukomeye bwatumaga yemera gupfa nk'intwari aho kugira ngo anyuranye n'umutimanama we.

Hakoreshejwe umuhati ukomeye kugira ngo Luteri yemere kumvikana na Roma. Ibikomangoma n'abakomeye mu bwami bamwerekaga ko nakomeza ibitekerezo binyuranyije n'iby'itorero n'inama z'abategetsi bakuru, azacibwa mu gihugu bidatinze kandi ntazagire kirengera. Luteri yashubije uko kumwinginga agira ati : "Ntabwo ubutumwa bwiza bwa Kristo bushobora kubwirizwa ngo bubure kurwanywa. . . Byashoboka bite rero ko ubwoba cyangwa kumenya akaga kabasha kumbaho byantandukanya n'Umukiza n'Ijambo ry'Imana ryo kuri rukumbi? Reka da! Nahitamo gutanga umubiri wanjye, amaraso yanjye n'ubuzima bwanjye!"[141]

Bongeye kumwingingira kumvira ibyo umwami w'abami yavuze bityo akabasha kutagira icyo atinya. Luteri yarasubije ati: "Nemera n'umutima wanjye wose ko umwami w'abami, ibikomangoma ndetse n'abakristo baciye bugufi bose bagenzura

139 - Umubwiriza 10:16
140 - Martyn, vol.1, p.404.
141 - D'Aubigné, b.7, ch.10.

kandi bagacira urubanza ibitabo byanjye; ariko bagashingira ku ngingo imwe y'uko babigereranya n'Ijambo ry'Imana. Nta kintu abantu bagomba gukora uretse kuryumvira. Ntimuhohotere umutimanama wanjye kuko womatanye kandi ukaba uboheranye n'Ibyanditswe Byera."[142]

Bongeye kumwohereza izindi ntumwa yarabasubije ati: "Ndemera kureka urwandiko rwanjye rw'inzira. Nshyize umubiri wanjye n'ubugingo bwanjye mu maboko y'umwami w'abami, ariko ntibishoboka ko mwegurira Ijambo ry'Imana!" Yavuze ko afite ubushake bwo kumvira umwanzuro inama rusange iri bufate ariko ibyo bikaba mu gihe gusa iyo nama isabwe gufata umwanzuro ikurikije Ibyanditswe Byera. Yongeyeho ati: "Ku byerekeye Ijambo ry'Imana no kwizera, buri Mukristo wese ni umucamanza mwiza nk'uko Papa ari, nubwo Papa yaba ashyigikiwe n'inama nyinshi cyane."[143] Ari incuti ze, ari n'abanzi be bose bageze aho bemera ko gukomeza kumwingingira kwiyunga n'ubutegetsi bwa papa ntacyo bimaze.

Iyo umugorozi Luteri yemera n'ingingo imwe gusa, Satani n'ingabo ze baba baratsinze. Ariko gushikama kwe kutadohoka kwari uburyo bwo guha itorero umudendezo no gutangira ikindi igihe gishya kandi kirushijeho kuba cyiza. Ibyakozwe n'uyu mugabo umwe rukumbi, watinyutse gutekereza no gukora mu nzira ye bwite mu byerekeye iyobokamana, byagombaga kuzateza impinduka itorero ndetse n'isi yose, atari mu gihe cye gusa, ahubwo no mu bisekuru byose byari kuzakurikiraho. Ugushikama kwe n'ubudahemuka bwe byari kuzakomeza abantu bose bari kuzanyura mu bisa n'ibyo yanyuzemo kugeza ku iherezo ry'ibihe. Ubushobozi n'igitinyiro by'Imana byaruse inama z'abantu ndetse birenga n'imbaraga ikomeye ya Satani.

Bidatinze Luteri aza guhabwa itegeko n'umwami w'abami ryo gusubira iwe, kandi yari azi ko iryo tegeko rigiye guhita rikurikirwa no gucirwaho iteka. Ibiteye ubwoba byari bikikije aho yanyuraga; ariko ubwo yavaga i Worms, umutima we wari wuzuye ibyishimo no gushima. Yaravuze ati: "Satani ubwe niwe wari urinze igihome cya Papa; ariko Kristo yaciyemo icyanzu bityo Satani yemera ko Kristo amurusha imbaraga."[144]

Amaze kugenda, yanashakaga ko gushikama kwe ku byo yizera bitafatwa nko kwigomeka, bityo bituma Luteri yandikira umwami w'abami. Yaravuze ati: "Imana yo igenzura imitima, imbere umugabo yuko niteguye kukubaha nimazeyo nyakubahwa mwami w'abami, haba mu cyubahiro cyangwa mu gusuzugurwa, haba mu buzima cyangwa mu rupfu ariko ntagize ikindi ndutisha Ijambo ry'Imana kuko ari ryo ribeshejeho umuntu. Mu bikorwa byose muri ubu buzima bwa none, ubudahemuka bwanjye ntibuzanyeganyezwa, kuko kuko muri ubu buzima inyungu cyangwa igihombo nta gaciro bifite ubigereranyije n'agakiza. Ariko mu birebana n'inyungu z'iteka ryose, ntabwo Imana ishaka ko hagira umuntu wumvira undi kubera ko kumvira nk'uko mu byerekeye iby'umwuka niko kuramya nyakuri, kandi nta wundi kugenewe uretse Umuremyi wenyine."[145]

142 - Ibid., b.7,ch 10.
143 - Martyn , vol.1, p.410.
144 - D'Aubigné, b.7, ch.11.
145 - Ibid., b.7, ch.11.

Ari mu rugendo ava i Worms, Luteri yakiriwe neza cyane kuruta uko yakiwe agezeyo. Ibikomangoma byo mu itorero byakiriye uwo mupadiri waciwe mu itorero, kandi abayobozi bo mu butegetsi bwa Leta bubashye uwo muntu wari wahawe akato n'umwami w'abami. Bamusabye kubwiriza, kandi yirengagije ko umwami w'abami yari yamuhaye akato, yongeye kujya ku ruhimbi (aritari). Yaravuze ati: "Sinigeze ndahirira gupfukirana Ijambo ry'Imana kandi sinzigera mbikora." [146]

Ubwo abayoboke ba Papa baganzaga umwami w'abami ngo ace iteka rirwanya Luteri, hari hashize igihe gito atari i Worms. Muri iri teka, Luteri yavuzweho ko ari "Satani ubwe wigize umuntu kandi akaba yambaye ikanzu ya gipadiri."[147]
Hatanzwe itegeko rivuga ko ubwo urupapuro rwe rumuhesha umudendezo mu nzira acamo ruzaba rumaze kurangiza igihe, hari ingamba zigomba gufatwa kugira ngo umurimo we uhagarikwe. Abantu bose babujijwe kumucumbikira, kumuha ibyokurya cyangwa ibyokunywa, cyangwa se kuba bamufasha haba mu magambo cyangwa mu bikorwa, haba mu rwiherero cyangwa ku mugaragaro. Aho yashoboraga kuboneka hose yagombaga gufatwa agashyikirizwa abategetsi. Abayoboke be nabo bagombaga gushyirwa muri gereza kandi imitungo yabo igafatirwa. Inyandiko ze zagombaga gutwikwa kandi amaherezo umuntu wese wari guhangara kunyuranya n'iri teka nawe yagombaga guhabwa igihano nk'icya Luteri. Igikomangoma cy'i Saxony n'ibindi bikomangoma byakundaga Luteri cyane bose bari bamaze kuva i Worms nyuma yo kugenda kwe maze iteka ry'umwami w'abami ryemezwa n'abagize inama y'abategetsi bakuru. Noneho abari bashyigikiye ubuyobozi bw'itorero ry'i Roma bari bishimye. Bibwiraga ko iherezo ry'ubugorozi rigeze.

Ariko muri iyi saha y'akaga, Imana yari yateganyirije umugaragu wayo icyanzu. Ijisho ritagoheka ryari ryakurikiye amagenzi yose ya Luteri kandi umutima wa Nyirimpuhwe wari witeguye kumutabara. Byagaragaraga ko nta kindi cyajyaga gushimisha Roma uretse urupfu rwe. Luteri yajyaga gukira imikaka y'intare binyuze gusa mu guhishwa. Imana yahaye ubwenge Ferederiko w'i Saxony kugira ngo ategure umugambi wo kurinda Luteri. Abifashijwemo n'incuti ze nyakuri, umugambi wa Ferederiko washyizwe mu bikorwa maze Luteri ahishwa abanzi be n'incuti ze. Mu rugendo rwe agaruka imuhira yaje gufatwa, atandukanywa n'abo bari kumwe, maze bamwihutisha bwangu bamunyuza mu mashyamba bamujyana mu nzu ikomeye nziza cyane y'i Wartbourg. Aho hari ahantu hitaruye hari igihome cyubatswe mu misozi. Uko gufatwa no guhishwa byakozwe mu buryo bw'amayobera ku buryo na Ferederiko ubwe yamaze igihe kirekire ataramenya aho yajyanwe. Uko kutabimenya kwari gufite umugambi; mu gihe cyose Ferederiko atari asobanukiwe n'aho Luteri aherereye, ntiyashoboraga kugira icyo ahishurira abandi. We ubwe yanyuzwe n'uko Luteri ari amahoro kandi kumenya ibyo byaramunejeje.

Ibihe by'umuhindo, impeshyi n'itumba byose biraza birinda birangira Luteri akiri imfungwa. Aleandre n'abambari be bari bashimishijwe cyane n'uko umucyo w'ubutumwa bwiza usa n'ugiye kuzima. Nyamara aho kuba bityo, umugorozi we yari arimo arushaho kuzuza itara rye amavuta ava mu bubiko bw'ukuri kandi

146 - Martyn, vol.1, p.420.
147 - D'Aubigné, b.7, ch.11.

umucyo waryo wagombaga kumurikana imbaraga nyinshi kuruta mbere.

Ubwo yari muri uwo mutekano i Wartbourg, Luteri yamaze igihe yishimiye kubona akanya ko kuruhuka amakimbirane. Ariko ntiyajyaga kunyurwa no kwigumira mu kiruhuko gusa atuje. Kubera ko yari amenyereye ubuzima bwo gukora no kunyura mu makimbirane, ntiyashoboraga kwihanganira kubaho ntacyo akora. Muri iyo minsi yo kuba wenyine, imibereho y'itorero yamuzaga imbere maze akaboroga yihebye ati: "Mbega! Muri iyi minsi ya nyuma y'umujinya w'Imana nta muntu n'umwe utinyutse guhaguruka ngo abe urukuta imbere y'Uhoraho, bityo ngo akize Isiraheli."[148]
Yongeye kwitekerezaho maze atinya kuba yaregwa ubugwari kuko yahunze urugamba. Yigayaga ubunebwe no kudamarara. Nyamara kandi buri munsi yakoraga ibirenze ibyo umuntu umwe yabasha gukora. Ikaramu ye ntiyigeze ihwema kwandikishwa. Mu gihe abanzi be bishyeshyaga bavuga ko bamucecekesheje, baje gutangazwa kandi bagwa ku kayubi ko kubona igihamya gifatika cyerekana ko agikora. Impapuro nyinshi cyane zanditswe nawe zakwirakwiraga mu Budage. Yanakoreye umurimo w'ingenzi cyane abo mu gihugu cye asobanura Isezerano Rishya mu rurimi rw'Ikidage. Aho yari yihishe yahakomereje kwamamaza ubutumwa bwiza no kwamagana ibyaha n'amakosa byakorwaga muri ibyo bihe, abikora mu gihe kijya kungana n'umwaka.

Ntabwo rero kuba Imana yarakuye umugaragu wayo mu mibereho yo kubana n'abandi bantu kwari ukurinda Luteri umujinya w'abanzi be gusa cyangwa kumuha igihe gituje kugira ngo abashe gukora iyo mirimo y'ingirakamaro. Hari hariho ibindi byiza birusha ibyo agaciro byagombaga kugerwaho. Mu kuba wenyine n'umwijima w'aho yari aruhukiye mu misozi, Luteri yari atandukanyijwe n'ibyashoboraga kumushyigikira biboneka mu isi kandi akaba arinzwe gusingizwa n'abantu. Uko ni ko yakize ubwibone no kwiyemera bikunze akenshi guterwa no kugera ku nsinzi. Kubabazwa no gucishwa bugufi byamuteguriye kumanukana umutuzo ako gacuri yari yazamuriwe huti huti.

Iyo abantu bishimiye umudendezo bazanirwa n'ukuri, usanga bagira umutima wo gusingiza abantu Imana yakoresheje mu guca iminyururu y'ubuyobe n'imihango ya gipagani. Satani aharanira kuyobya intekerezo z'abantu n'ibyo bakunda bakabikura ku Mana maze bakabyerekeza ku bantu. Abatera kubaha abantu boroheje Imana ikoresha ariko bagasuzugura ukuboko kw'Imana kubayobora mu byo bakora byose. Kenshi cyane abayobozi mu by'idini bahabwa ikuzo kandi bakubahwa muri ubwo buryo, bibagirwa ko babikesha Imana, bityo bikabatera kwiyiringira. Ingaruka ivamo ni uko bageraho bagashaka kuyobora intekerezo n'imitima by'abantu baba biteguye kubahanga amaso ngo babayobore aho guhanga amaso Ijambo ry'Imana. Akenshi umurimo w'ivugurura (ubugorozi) ugenda udindira bitewe n'uyu mwuka uranga abashyigikiye uyu murimo. Imana yifuza kurinda umurimo w'ivugurura ako kaga. Yifuzaga ko uwo murimo utashyirwaho ikimenyetso cy'umuntu ahubwo ugashyirwaho icy'Imana. Abantu bari barahanze amaso yabo Luteri kuko ari we wasobanuraga ukuri. Bityo yabaye akuwe hagati yabo kugira ngo amaso yose yerekezwe ku Mwanditsi uhoraho w'ukuri.

148 - D'Aubigné, b.9, ch.2.

Igice cya 9

Umugorozi w'Umusuwisi

Mu gutoranya abakozi bo kuvugurura itorero, hagaragara ya gahunda y'Imana yakoreshejwe mu kuritangiza. Umwigisha waturutse mu ijuru yirengagije abantu bakomeye bo ku isi, abanyacyubahiro n'abakire bari bamenyereye gusingizwa no guhabwa icyubahiro nk'abayobozi b'abandi. Bari abantu bibona cyane kandi buzuwemo no kwiyiringira mu ikuzo bari bafite ryuzuye ubwirasi ku buryo batashoboraga guhinduka ngo bifatanye na bagenzi babo kandi bafatanye n'Umunyanazareti wicishaga bugufi. Abantu batashoboye kwiga n'abarobyi bamenyereye umuruho b'i Galilaya ni bo bagejejweho uyu muhamagaro ngo: "Nimunkurikire, nzabagira abarobyi b'abantu." Matayo 4:19. Abo bigishwa bicishaga bugufi kandi bakemera kwigishwa. Kuba batari barandujwe cyane n'inyigisho z'ibinyoma zo muri icyo gihe, byatumye Kristo ashobora kubigisha no kubatoza gukora umurimo we maze birushaho kugenda neza.

Uko ni nako byagenze mu gihe cy'Ubugorozi bukomeye. Abagorozi bari bari ku ruhembe rw'imbere bari abantu bafite imibereho yoroheje, babaye abantu mu gihe cyabo badafite ubwibone buterwa n'imyanya y'icyubahiro kandi ntibari baratwawe n'urwikekwe n'uburiganya bwarangaga abapadiri. Ni umugambi w'Imana gukoresha abantu boroheje kugira ngo bagere ku bintu bikomeye. Bityo rero, ntabwo abantu ari bo bazahabwa ikuzo, ahubwo rizahabwa Imana yo ibakoreramo ikabatera gushaka no gukora ibyo yishimira.

Nyuma y'ibyumweru bike Luteri amaze kuvukira mu kigonyi cy'abacukuzi b'ubutare i Saxony, nibwo Ulric Zwingli nawe yavutse mu rugo rworoheje rw'umworozi wo mu misozi miremire ya Alps. Ahari hakikije Zwingli mu bwana bwe ndetse n'uburere yahawe akiri muto byari ibyo kumutegurira umurimo we w'ahazaza. Yarerewe hagati y'ibyaremwe bitangaje, byuzuye ubwiza, bituma intekerezo ze zitwarwa no gusobanukirwa gukomera, imbaraga n'igitinyiro by'Imana akiri muto. Amateka y'ibikorwa bitangaje byakorewe muri iyo misozi yavukiyemo yamurikiye imigambi ye ya gisore. Yicaraga iruhande rwa nyirakuru wari inyangamugayo maze agategera amatwi ibitekerezo bike bitangaje byo muri Bibiliya uwo mukecuru yari yarakusanyije abikuye mu mateka avuga ibikorwa by'indengakamere n'inyigisho byaranze itorero. Zwingle yabaga afite amatsiko cyane mu gihe yumvaga iby'ibikorwa bikomeye by'abakurambere n'abahanuzi ndetse n'iby'abashumba barindaga imikumbi yabo ku misozi ya Palesitina aho abamarayika bavuganiye nabo bakababwira iby'umwana wavukiye i Beterehemu n'umuntu w'i Karuvali.

Nk'uko byabaye kuri Luteri, se wa Zwingli yifuzaga ko umwana we yiga, maze uwo muhungu akiri muto ava mu kibaya cy'iwabo aho yavukiye. Ubwenge bwe bwagwiraga vuba vuba ku buryo bidatinze byaje kuba ikibazo niba haboneka abarimu bashobora kumwigisha. Amaze kugira imyaka cumi n'itatu yagiye ahitwa i Bern, habarizwaga ishuri riruta ayandi mu Busuwisi. Ariko ageze yo, haje kuvuka ingorane yari igambiriye gukoma mu nkokora ibyiringiro yari afite mu buzima bwe. Abapadiri bakoze uko bashoboye kose kugira ngo bamwinjize mu kigo cyabo. Abadominikani n'Abafaransisiko barwaniraga gukundwa n'abaturage. Ibyo baharaniraga kubigeraho bakoresheje kurimbisha bikomeye kiriziya zabo, kugira ibirori birimo gahunda ishyushye, no kwitegereza amashusho y'abatagatifu ndetse n'amashusho y'ibitangaza.

Abadominikani b'i Bern babonaga ko nibabasha kwigarurira uwo munyeshuri ukiri muto wari ufite impano zitangaje, byari kubazanira inyungu kandi bikabahesha icyubahiro. Kuba yari umusore w'intarumikwa, kugira impano kamere yo kuba intyoza n'umwanditsi, ubuhanga bwe muri muzika n'ubusizi byajyaga kubafasha cyane kubakururira abantu baza mu materaniro yabo kandi bikabongerera inyungu kurusha ibyo bari basanzwe bakora. Bakoreshaga ubucakura no kumushyeshya kugira ngo batume Zwingli yinjira mu kigo cyabo. Igihe Luteri yari akiri umunyeshuri, we ubwe yari yarikingiraniye mu kumba cy'ikigo cy'abihaye Imana, kandi yajyaga kuzimira burundu iyo ubuntu bw'Imana butahamukura. Ntabwo Zwingli yemerewe guhura n'akaga nk'aka Luteri. Kubw'amahirwe, umubyeyi wa Zwingli yaje kumenya imigambi w'abo bapadiri. Ntabwo yari agambiriye kwemerera umuhungu we kuyoboka imibereho y'ubunebwe no kuba imburamukoro abapadiri babagamo. Se yabonye ko kuzaba ingirakamaro kwa Zwingli mu gihe kizaza biri mu kaga, maze amutegeka kugaruka imuhira atazuyaje.

Zwingli yumviye iryo tegeko ry'umubyeyi we, ariko uwo musore ntiyari kumara igihe kirekire ashimishijwe no kuba muri icyo kibaya yavukiyemo maze bidatinze asubukura amasomo ye ajya kwiga ahitwa i Basel. Aho niho Zwingli yumviye bwa mbere ubutumwa bwiza bw'ubuntu Imana itanga nta kiguzi. Uwitwaga Wittembach, wari umwarimu wigishaga indimi za kera, ubwo yigaga Ikigiriki n'Igiheburayo, yari yarabonye Ibyanditswe Byera maze muri ubwo buryo imirasire y'umucyo w'Imana ibasha kumurika mu ntekerezo z'abanyeshuri yigishaga. Uwo mwarimu yavuze ko muri ibyo Byanditswe hari ukuri kumaze igihe kirekire cyane kandi gufite agaciro gakomeye bitagerwa karuta inyigisho zigishwa n'abahanga n'abacurabwenge. Uko kuri kwari kumaze igihe kirekire kwavugaga ko urupfu rwa Kristo ari rwo rwonyine nshungu y'umunyabyaha. Ayo magambo yabereye Zwingli nk'umwambi w'umucyo ubanziriza umuseke.

Bidatinze Zwingli yahamagariwe kuva i Basel kugira ngo atangire umurimo we. Aho yatangiriye ni muri paruwasi ya Alpine, itari kure y'aho yavukiye. Nk'uko umugorozi mugenzi we yabivuze, ubwo yari amaze kwerezwa ubupadiri "yirunduriye mu bushakashatsi bwo kumenya neza ukuri kw'Imana; kubera ko yari azi neza ko hari byinshi agomba kumenya nk'umuntu waragijwe umukumbi wa Kristo."[149]
Uko yarushagaho kwiga Ibyanditswe Byera niko yarushagaho kubona itandukaniro riri hagati y'ukuri kwabyo n'ubuyobe bwa Roma. Yiyeguriye kuyoborwa na Bibiliya yo Jambo ry'Imana, kandi ikaba umuyobozi wenyine wihagije ndetse utabasha kwibeshya. Yabonye ko Bibiliya igomba kwisobanura ubwayo. Ntiyigeraga ahangara kugerageza gusobanura Ibyanditswe Byera kugira ngo ashyigikire inyigisho cyangwa ihame byabaye akamenyero mu bwenge bw'abantu, ahubwo yabonaga ko ari inshingano ye gusesengura icyo ryigisha mu buryo butaziguye.

---

149 - Wylie, b.8, ch.5.

Yageragezaga kwifashisha ibishoboka byose kugira ngo abone ubusobanuro bwabyo bwuzuye kandi butuganye, ndetse yasabaga gufashwa na Mwuka Muziranenge wabashaga kubihishurira abantu bose babyigaga babishimikiriye kandi basenga.

Zwingli yaravuze ati: "Ibyanditswe Byera bikomoka ku Mana ntibikomoka ku muntu, kandi Imana imurikira abantu izabaha gusobanukirwa ko iri jambo rikomoka ku Mana. . . Ijambo ry'Imana ntirihinyuka; ni umucyo, ririgisha, kandi rikisobanura ubwaryo, rimurikira ubugingo kubw'agakiza n'ubuntu, rikabukomereza mu Mana, ribucisha bugufi ku buryo yiyibagirwa akomatana n'Imana." Zwingli ubwe yari amaze kubona ukuri kw'ayo magambo. Ubwo yavugaga ibyamubayeho muri icyo gihe, nyuma y'aho yaranditse ati: "Igihe natangiraga kwirundurira mu Byanditswe Byera, ubucurabwenge n'inyigisho z'iyobokamana byahoraga binteza impagarara. Amaherezo nageze kuri ibi, ndatekereza nti: 'Ngomba kureka biriya binyoma maze nkiga ubusobanuro Imana itanga mbukuye mu ijambo ryayo ryoroheje.' Bityo natangiye gusaba Imana ngo imurikire maze Ibyanditswe Byera bitangira kurushaho kunsobanukira mu buryo bworoshye."[150]

Ntabwo inyigisho Zwingli yabwirizaga yari yarazikomoye kuri Luteri. Yari yazihawe na Kristo. Uwo mugorozi w'Umusuwisi yaravuze ati: "Niba Luteri abwiriza ibya Kristo, akora ibyo nanjye nkora. Abantu yazanye kuri Kristo ni benshi kuruta abo nazanye. Nyamara ibyo ntacyo bitwaye. Nta rindi zina nzitirirwa uretse irya Kristo kuko ndi umusirikari we, kandi ni we Mugaba wanjye wenyine. Nta jambo na rimwe nigeze nandikira Luteri cyangwa nawe agire iryo anyandikira. Ibyo ni ukubera iki? . . . Ni ukugira ngo bigaragare uburyo Mwuka w'Imana ativuguruza kubera ko twembi twigisha inyigisho ya Kristo tugahuza muri ubwo buryo kandi tutarahuye. [151]

Mu mwaka wa 1516, Zwingli yararikiwe kubwiriza mu kigo cy'abapadiri cya Einsiedeln. Ahongaho yagombaga kuhabonera neza ugusaya mu bibi kwa Roma kandi yagombaga kugira icyo akora nk'umugorozi cyari kuzamenyekana kikarenga mu misozi ya Alps yavukiyemo. Mu bintu bikomeye byakururaga amaso y'abantu by'aho Einsiedeln harimo ishusho ya Mariya bavugaga ko ifite imbaraga yo gukora ibitangaza. Ku muryango w'icyo kigo cy'abapadiri hari handitswe ngo: "Ahangaha hashobora gubonerwa imbabazi z'ibyaha." [152]
Ibihe byose by'umwaka abantu benshi bafataga urugendo baje kuri ya shusho ya Mariya, ariko ku munsi mukuru wabaga buri mwaka wo kwibuka gutoramywa kw'iyo shusho, abantu ibihumbi byinshi baturukaga mu bice byose by'Ubusuwisi ndetse abandi bakava mu Bufaransa no mu Budage. Zwingli abibonye atyo agira agahinda kenshi, bityo ba bantu babaye imbohe z'imihango, aboneraho umwanya wo kubigisha iby'umudendezo uva mu butumwa bwiza.

Yaravuze ati: "Ntimugatekereze ko Imana iri muri iyi ngoro kuruta uko iba ahandi hantu hose haremwe. Igihugu mwaba mutuyemo cyose, Imana iri hafi yanyu kandi irabumva...Mbese imirimo itabaha inyungu, gukora ingendo ndende, amaturo, amashusho, kwiyambaza Mariya cyangwa abatagatifu bishobora kubahesha ubuntu bw'Imana? . . . Mbese amagambo menshi dukoresha dusenga amaze iki? Mbese

150 - Wylie, b.8, ch. 6.
151 - D'Aubigné, b.8, ch.9.
152 - D'Aubigné, b.8, ch.5.

ibitambaro bishashagirana bipfutse umutwe, umutwe utagira umusatsi, amakanzu maremare kandi atatswe indabo, cyangwa inkweto zitatswe izahabu ku misozo bimaze iki? . . . Imana ireba ku mutima kandi imitima yacu iri kure yayo." Yaravuze ati: "Kristo wabambwe ku musaraba ni we gitambo cy'ibyaha by'abizera kugeza iteka ryose."[153]

Abantu benshi bumvise ayo magambo ntibayakiriye neza. Byari urucantege rukomeye kuri bo kubwirwa ko urugendo runanije bakoze barukoreye ubusa. Ntabwo bashoboraga gusobanukirwa n'imbabazi bahererwa ubuntu muri Kristo. Bari banyuzwe n'inzira ya kera igana mu ijuru, iyo Roma yari yaraberetse. Banze guhangayikishwa no gushaka ikindi cyarushaho kubabera cyiza. Byari biboroheye cyane kwiringira abapadiri na Papa mu by'agakiza kabo aho gushaka gutungana k'umutima.

Nyamara hari irindi tsinda ryakiranye ibyishimo inkuru yo gucungurwa kubonerwa muri Kristo. Ibyo Roma yabasabaga kubahiriza ntibyari byarabazaniye amahoro yo mu mutima, maze mu kwizera, bemera ko amaraso y'Umukiza ari yo abezaho ibyaha byabo. Abangaba basubiye iwabo bajya guhishurira abandi umucyo utangaje bari barakiriye. Uko ni ko ukuri kwavaga mu mudugudu kukagera mu wundi, kukava mu mujyi kukajya mu wundi bityo umubare w'abantu bazaga gusura ingoro ya Mariya uragabanyuka cyane. Hanabayeho kugabanyuka kw'amaturo maze ingaruka iba kugabanyuka k'umushahara wa Zwingli wavaga muri ayo maturo. Nyamara ibi byamuteye ibyishimo ubwo yabonaga ko imbaraga zo gukabya mu myizerere no gutwarwa n'imigenzo zigenda zicika.

Abayobozi b'Itorero ntibaburaga kubona umurimo Zwingli yakoraga; ariko icyo gihe barihanganye ntibawurogoya. Biringiraga ko bazamwigarurira akajya mu ruhande rwabo, bashatse kumwigarurira bakoresheje kumusheshya ariko muri icyo gihe ukuri kwarimo gucengera mu mitima y'abantu.

Imirimo Zwingli yakoreye i Einsiedeln yamuteguriye gukora umurimo wagutse kurutaho kandi ni wo yaje kwinjiramo bidatinze. Amaze imyaka itatu i Einsiedeln yaje guhamagarwa kujya gukora umurimo wo kubwiriza muri kiriziya nini cyane y'i Zurich. Zurich niwo wari umujyi ukomeye cyane mu Busuwisi kandi ibyajyaga kuva aho byagombaga gukwira hose. Nyamara kandi, abanyamadini bari bamutumiye i Zurich, bashakaga ko nta nyigisho nshya zihigishwa bityo bibatera guha Zwingli amabwiriza ajyana n'inshingano yari imuzanye.

Baramubwiye bati: "Uzakore ibishoboka byose kugira ngo umugabane w'icyigisho wigishijwe ugire umusaruro winjiza kandi ntukagire icyo usubiza inyuma. Uzashishikariza abizera bose, waba uri kubwiririza kuri aritari cyangwa uri kwakira abicuza ibyaha, ko bagomba gutanga icyacumi cyose n'ibindi basabwa, kandi bakerekanisha amaturo yabo batanga ko bakunda itorero. Uzita cyane ku kongera inyungu zituruka ku barwayi, muri za misa n'indi mihango yose ikorwa." Abamuhaga amabwiriza bongeyeho bati: "Ku byerekeranye no gutanga amasakaramentu, kubwiriza ndetse no kwita ku mukumbi, ibyo nabyo ni inshingano y'umupadiri. Icyakora, kuri izo nshingano ushobora gukoresha ugusimbura ariko by'umwihariko mu kubwiriza. Ntabwo ugomba guha amasakaramentu umuntu uwo

153 - Ibid., b.8, ch.5.

ari we wese uretse abantu bakomeye, kandi ukabikora gusa igihe baguhamagaye; ntabwo wemerewe gukora ibyo utabanje kurobanura abantu."-[154]

Zwingli yategeye amatwi ayo mabwiriza acecetse, maze amaze kuvuga ijambo ryo gushima kubwo kuba yarubashywe agahamagarirwa kuza aho hantu hakomeye, yakurikijeho kubasobanurira uburyo ateganya gukoresha. Yaravuze ati: "Abantu bamaze igihe kirekire cyane bahishwa iby'imiberaho ya Yesu. Nzabwiriza cyane ubutumwa bwiza uko bwanditswe na Matayo, . . .mbukura gusa mu Byanditswe Byera, mbisesengura, ngereranya umurongo umwe n'uwundi, nshakisha uko nasobanukirwa mbiheshejwe no gusenga ubudasiba kandi mbikuye ku mutima. Umurimo wanjye uzibanda ku cyubahiro cy'Imana, ku gusingiza Umwana wayo w'ikinege, ku gakiza nyakuri k'abantu ndetse no kubakomereza mu kwizera nyakuri."[155]

Nubwo bamwe muri abo bayobozi b'itorero batemeye gahunda ye kandi bagakora uko bashoboye ngo bayimuteshureho, Zwingli ntiyatezutse. Yababwiye ko atagiye gutangiza uburyo bushya, ko ahubwo agaruye uburyo bwa kera bwakoreshwaga n'itorero mu bihe bya mbere byari bitunganye.

Abantu bari baratangiye gukangukira kwakira ukuri yigishaga, kandi abantu bazaga ari benshi baje kumva uko abwiriza. Mu bazaga kumutega amatwi habagamo abantu benshi bari bamaze igihe kirekire bararetse kujya gusenga. Umurimo we yawutangiye abumbura Ubutumwa bwiza kandi agasoma anasobanurira abamuteze amatwi amateka yandikishijwe avuga iby'imibereho, ibyigisho n'urupfu rwa Kristo. Nk'uko yabigenje ari i Einsiedeln, aho i Zurich yahagaragarije ko Ijambo ry'Imana ari ryo muyobozi utibeshya kandi ko urupfu rwa Kristo ari rwo gitambo cyonyine gihagije. Yaravuze ati: "Kuri Kristo gusa niho nifuza kubayobora. Kuri Kristo we soko nyakuri y'agakiza."[156]

Abantu bo mu nzego zose bazaga kumva uwo mubwiriza, uhereye ku bategetsi, abanyabwenge, ukageza ku banyamyuga na rubanda rwose. Bamutegeraga amatwi bashishikaye. Ntabwo yavugaga iby'agakiza gatangirwa ubuntu gusa ahubwo yanamaganaga nta mbebya ibibi no gusayisha byariho muri icyo gihe. Abantu benshi basohokaga muri kiriziya basingiza Imana. Baravugaga bati: "Uyu mugabo abwiriza ukuri. Azatubera Mose maze atuvane muri uyu mwijima wa Egiputa."[157]

Nyamara nubwo ku ikubitiro umurimo we wakiranywe ubwuzu bwinshi, nyuma y'igihe runaka haje kuboneka abatamushyigikiye. Abapadiri bagiye umugambi wo kubangamira umurimo we no kwamagana inyigisho ze. Bamwe bamuhaga urw'amenyo abandi bakamukwena; abandi baramutukaga kandi bakamukangisha. Ariko Zwingli yarabyihanganiye byose akavuga ati: "Niba twifuza kuzanira Yesu Kristo abanyabyaha, hari ibintu byinshi tugomba kwima amaso."- Ibid., b.8, ch.6.

Muri icyo gihe, haje undi muntu kugira ngo ateze imbere umurimo w'ivugurura. Uwitwaga Lusiyani yoherejwe i Zurich afite zimwe mu nyandiko za Luteri yoherezwa n'umuntu wari utuye i Basel wakundaga ukwizera kuvuguruye. Uwo muntu yari yaratekereje ko kugurisha ibyo bitabo bibasha kuba uburyo bukomeye

154 D'Aubigné, b.8, ch.6.
155 -D'Aubigné, b.8, ch.6.
156 -Ibid., b.8, ch.6.
157 -Ibid., b.8, ch.6.

bwo gukwirakwiza umucyo. Yandikiye Zwingli ati: "Reba neza ko uyu mugabo afite ubushishozi n'ubushobozi bihagije; niba bimeze bityo, umureke agende ava mu mujyi ajya mu wundi, ava mu mudugudu ajya mu wundi, agende n'inzu ku yindi mu Basuwisi ahajyane inyandiko za Luteri, ariko by'umwihariko ibyo yavuze ku Isengesho ry'Umukiza abyandikira abafite ubushake bwo kuvuga ubutumwa. Uko bizarushaho kumenyekana, niko bizarushaho kugira abaguzi."[158] Uko ni ko umucyo wabonye aho winjirira.

Mu gihe Imana itegura guca iminyururu y'ubujiji n'imigenzo ya gipagani nibwo Satani akoresha imbaraga ze zose kugira ngo abundikirire abantu mu mwijima kandi akarushaho gukaza ingoyi ibaboshye. Uko abantu bahagurukiraga impande zose babwira abantu iby'imbabazi no kugirwa intungane kubw'amaraso ya Kristo, Roma yakajije umurego mu gufungura isoko ryayo igurisha imbabazi aharangwa ubukristo hose.

Buri cyaha cyari gifite igiciro cyacyo, kandi abantu bahabwaga uburenganzira ntakumirwa bwo gukora icyaha igihe bashyiraga umutungo uhagije mu isanduku y'itorero. Uko ni ko ayo matsinda abiri y'imyigishirize yateraga imbere: rimwe rigatanga imbabazi z'ibyaha rihawe amafaranga, naho irindi rikigisha iby'imbabazi zibonerwa muri Kristo. Roma igaha uburenganzira icyaha kandi ikakigira isoko yo kwinjiza ubutunzi, naho abagorozi bo bagaciraho icyaha iteka kandi bakerekana ko Kristo ariwe ukuraho ibyaha, akaba n'umucunguzi.

Mu gihugu cy'Ubudage, icuruzwa ry'ibyemezo bihesha imbabazi z'ibyaha (indurugensiya) ryari rishinzwe abapadiri b'Abadominikani kandi byari biyobowe n'umuntu wari uzwi ho imico mibi witwaga Tetzel. Mu gihugu cy'Ubusuwisi, ubwo bucuruzi bwahariwe Abafaransisiko bayobowe n'uwitwa Samusoni wari umupadiri w'Umutaliyani. Samusoni yari yarakoreye itorero umurimo mwiza kuko yari yarabashije kwinjiza amafaranga menshi ayakuye mu Budage no mu Busuwisi kugira ngo agwize umutungo wa Papa. Noneho yambukanyije Ubusuwisi bwose, agacuza abaturage b'abakene uduke bungukaga, naho abakire akabakuramo impano z'agaciro kenshi. Ariko impinduka ziturutse ku bugorozi zari zaratangiye kwigaragariza mu kugabanyuka kw'ibyatangwaga nubwo zitashoboraga guhagarika ubwo bucuruzi. Igihe Samusoni yari amaze igihe gito yinjiye mu Busuwisi maze akagera mu mujyi wari hafi ya Einsiedeln ahazanye ibicuruzwa bye, Zwingli yari akiri i Einsiedeln. Umugorozi Zwingli amaze kumenya ikimugenza yahise ahagurukira kumuvuguruza. Abo bantu bombi ntibigeze bahura, ariko Zwingli yageze ku nsinzi asobanurira abantu ibyo Samusoni agamije ku buryo byababaye ngombwa ko ava aho hantu akajya ahandi.

I Zurich, Zwingli yahabwirizanyije umwete mwinshi yamagana ubucuruzi bw'imbabazi z'ibyaha; maze igihe Samusoni yari ageze hafi yaho ahura n'intumwa yoherejwe n'abagize inama y'ubutegetsi imubuza kwinjira muri uwo mujyi. Amaherezo yaje gushobora kwinjira yiyoberanyije nyamara yaje kwirukanwa atabashije kugurisha n'icyangombwa na kimwe gihesha imbabazi maze nyuma y'aho bidatinze ahita ava mu Busuwisi.

Ubugorozi bwahawe imbaraga nyinshi no kwaduka kw'icyorezo gikaze cyahitanye

158 - Ibid., b.8, ch.6.

abantu benshi mu Busuwisi mu mwaka wa 1519. Uko muri ubwo buryo abantu babonaga urupfu rubugarije, benshi babashije kubona uburyo imbabazi bari bamaze igihe gito baguze zari imfabusa ndetse ntizigire n'akamaro. Bityo byatumye bashaka kugira urufatiro nyakuri rwo kwizera kwabo. Zwingli nawe ari i Zurich yafashwe n'iyo ndwara iramurembya cyane ku buryo icyizere cyose cyo gukira kwe cyashiraga mu bantu, bityo inkuru ikwira hose ko yaba yapfuye. Muri icyo gihe gikomeye, ntabwo ibyiringiro bye n'ubutwari byacogoye. Afite kwizera, yahanze amaso ye umusaraba w'i Karuvali, yiringira ko igitambo cya Kristo gihagije gihanagura abantu ho ibyaha. Ubwo yari akirutse avuye ku munwa w'urupfu, cyari igihe cyo kubwirizanya ubutumwa bwiza umuhati mwinshi kurusha uko yigeze abikora; kandi amagambo ye yari afite imbaraga idasanzwe. Abantu bakiranye ibyishimo umushumba wabo bakunda wari ubagaruriwe akuwe ku munwa w'urupfu. Abo bantu ubwabo bari bavuye mu ngorane zo kwita ku barwayi n'abasambaga bityo bituma babasha guha agaciro ubutumwa bwiza kuruta mbere.

Zwingli yari amaze gusobanukirwa neza n'ukuri k'ubutumwa bwiza kandi yari amaze kwiyumvamo imbaraga yako ihindura umuntu akaba mushya. Yibandaga ku ngingo zivuga ibyo kugwa k'umuntu n'iby'inama y'agakiza. Yaravuze ati: "Twese twapfiriye muri Adamu, kandi twarohamye mu bibi no gucirwaho iteka."[159] "Kristo yaturonkeye gucungurwa kw'iteka. . . Umubabaro yagize ni igitambo gihoraho kandi gifite ubushobozi bwo gukiza by'iteka ryose. Cyuzuza ibyo ubutabera bw'Imana busaba by'iteka ryose mu cyimbo cy'abantu bose bishingikiriza kuri icyo gitambo bafite kwizera gushikamye kandi kutanyeganyega." Nyamara kandi yigishije neza ko ubuntu bwa Kristo budahesha abantu umudendezo wo gukomeza gukora ibyaha. Yaravugaga ati: "Ahantu hose hari ukwizera Imana, Imana irahaba; kandi aho Imana iri, haba umwete ukangura abantu ukabahatira gukora imirimo myiza."-[160]

Ibibwirizwa bya Zwingli byababaga bishimishije abantu ku buryo kiziya nini (Katederari) yuzuraga igasaguka imbaga y'abantu bazaga kumutega amatwi. Zwingli yabwiraga abamuteze amatwi ukuri buhoro buhoro akurikije uko yabonaga bashobora kukwakira. Yitonderaga cyane kuba yahita ababwira ingingo zishobora kubakangaranya cyangwa ngo zibazanemo urwikekwe. Umurimo we wari uwo gushyikiriza imitima yabo inyigisho za Kristo, gutuma ituza kubw'urukundo rwe no kubereka urugero rwa Kristo; bityo uko barushagaho kwakira amahame y'ubutumwa bwiza, ni ko bagendaga bacika ku myizerere yabo n'imigenzo bya gipagani.

Ubugorozi bwateraga imbere buhoro buhoro mu mujyi wa Zurich. Abanzi babwo barakangutse maze bahagurukira kuburwanya bivuye inyuma. Mu mwaka umwe mbere y'icyo gihe ni ho umupadiri w'i Wittenberg yari yaravugiye i Worms imbere ya Papa n'umwami w'abami ati: " Oya", none ibyagaragaraga byose byasaga n'ibyerekana kurwanya amabwiriza ya Papa kugiye kuba i Zurich nk'uko byagenze i Worms. Zwingle yatewe incuro nyinshi. Aho ubupapa bwababaga bwiganje uko ibihe byagiye biha ibindi, abantu bayobotse ubutumwa bwiza bajyaba bicwa urupfu rubi, ariko ibyo ntibyari bihagije. Uwigishaga ibyo bitaga ubuyobe yagombaga gucecekeshwa. Muri ubwo buryo umwepisikopi w'i Constance yohereje intumwa eshatu mu nama y'i Zurich zirega Zwingli ko yigisha abantu kwica amategeko

159 - Wylie, b. 8, ch.9.
160 D'Aubigné, b.8, ch.9.

y'itorero, bityo bikaba biteza amahoro make n'imvururu mu bantu. Uwo mwepisikopi yongeyeho ko niba ubutegetsi bw'itorero busuzuguwe, ingaruka yaba iy'uko abantu bose baba ibyigenge. Zwingli yasubije yiregura avuga ko yigishije ubutumwa bwiza i Zurich mu gihe cy'imyaka ine bityo "uwo mujyi wa Zurich ukaba ari wo wari utuje kandi urimo amahoro kurusha indi mijyi yose y'izo ntara. Yaravuze ati: "None se ntabwo Ubukristo ari bwo murinzi ukomeye utuma muri rusange habaho umutekano?"[161]

Izo ntumwa zasabye abajyanama gukomeza kuba mu itorero zikavuga ko hanze yaryo nta gakiza gahari. Zwingli yavuze kuri ayo magambo y'izo ntumwa ati: "Iki kirego cye kubatangaza! Urufatiro rw'Itorero ni cya Gitare, Kristo, We wahaye Petero izina kuko yamuhamije nk'uko ari. Umuntu uwo ariwe wese wo mu mahanga yose wizera Umwami Yesu n'umutima we wose Imana iramwemera. Mu by'ukuri aha ni ho hari itorero kandi hirya yaryo nta muntu ubasha kuhakirizwa."[162]
Umusaruro wavuye muri iyo nama wabaye uwo uko umwe mu ntumwa, wa mukaridinari yari yohereje yemeye iby'ukwizera kuvuguruye.

Abari muri iyo nama banze kugira icyo bakora kirwanya Zwingli, bityo Roma itegura igitero gikaze. Ubwo Zwingli yamenyaga ubugambanyi bw'abanzi be yaravuze ati: "Nimubareke baze; mbatinya nk'uko ibitare byo ku nkombe bitinya imivumba iza ibyisukaho."[163]
Umuhati w'abo banyadini nta kindi wagezeho uretse gutuma umurimo bashakaga gusenya waguka. Ukuri kwakomeje gukwira hose. Mu Budage aho abari barayobotse ukuri bakaba bari baraciwe intege n'urupfu rwa Luteri, ubwo babonaga iterambere ry'ubutumwa bwiza mu Busuwisi, bongeye kugarura ubuyanja.

Uko ubugorozi bwarushagaho gushinga imizi mu mujyi wa Zurich, imbuto zabwo zarushijeho kugaragara neza mu kugabanuka kw'ingeso mbi no gushyigikirwa kwa gahunda n'umutekano mu bantu. Zwingli yaranditse ati: "Amahoro atuye mu mujyi wacu, nta ntonganya ziharangwa, nta buryarya, nta shyari nta n'urugomo. Mbese ubumwe nk'ubwo bubasha gukomoka he uretse kuri Kristo no ku nyigisho zacu zitwuzuza imbuto z'amahoro n'ubutungane?"[164]

Insinzi ubugorozi bwageragaho yateje abayoboke ba Roma kurushaho gukaza umurego kugira ngo babusenye. Babonye uko gutoteza nta cyo byagezeho ubwo bahagarikaga umurimo wa Luteri mu Budage, biyemeza kurwanya ubugorozi bifashishije intwaro bukoresha. Bagombaga kugirana na Zwingli ikiganiro-mpaka, kandi kubera ko ari bo bari babiteguye, bateguye uburyo bwo kugera ku nsinzi bakoresheje kwihitiramo aho urwo rugamba ruzabera ndetse n'abacamanza bagomba gufata imyanzuro yabo na Zwingli. Kandi iyo babasha kubona Zwingli yabageze mu maboko, bagombaga gukorana ubushishozi kugira ngo atabacika. Bityo umuyobozi w'ubugorozi yamara gucecekeshwa, itsinda yari ayoboye ryari gusenywa vuba vuba. Nyamara bakoranye ubushishozi maze uyu mugambi barawuhisha.

Hemejwe ko icyo kiganiro-mpaka kibera ahitwa Baden, ariko Zwingli

161 -Wylie, b.8, ch.11.
162 - D'Aubigné, London ed., b.8, ch.11.
163 -Wylie, b.8, ch.11.
164 -Ibid., b.8, ch.15.

ntiyahahinguka. Abajyanama b'i Zurich baketse imigambi y'abashyigikiye Papa, kandi banaburirwa b'ibishyito by'umuriro byo gutwikiraho abemera ubutumwa bwiza byari bicanwe mu midugudu yiganjemo abayoboke ba papa, byatumye babuza umushumba wabo kwishora muri ako kaga. I Ziruch yari yiteguye kuhasubiriza abo Roma yari kohereza bose, ariko kujya i Baden ahari haramenewe amaraso y'abaziraga guhamya ukwizera kwabo, byari ukwishora mu rupfu. Abitwa Oecolampadius na Haller ni bo batoranyirijwe guhagararira abagorozi naho umugabo w'ikirangirire mu buhanga witwaga Eck aba ari we uhagararira Roma agaragiwe n'itsinda rinini ry'intiti n'abayobozi b'itorero.

Nubwo Zwingli atari ari muri iyo nama, imbaraga ye ntiyabuze kwigaragaza. Abari ku ruhande rwa Papa ni bo bahisemo abanditsi b'inama bose kandi abandi bose babuzwa kugira icyo bandika kuko uwari kubikora yari kwicwa. Nubwo byari bimeze bityo, buri munsi Zwingli yagezwagaho ibyavugiwe i Baden. Hari umunyeshuri wari muri icyo kiganiro-mpaka wandikaga ingingo zose zavuzwe buri munsi akabikora buri mugoroba. Abandi banyeshuri babiri biyemeje kujya bashyira izo mpapuro Zwingli wari i Ziruch bakazijyanana n'amabaruwa Oecolampidius yamwandikiraga buri munsi. Zwingli yasubizaga ayo mabaruwa agatanga inama n'ibitekerezo. Inzandiko ze yazandikaga nijoro maze mu gitondo ba banyeshuri bakazigarukana i Baden. Kugira ngo batambuke ku barinzi babaga bari ku miryango y'umujyi, izo ntumwa zikoreraga ibitebo birimo inkoko maze bakabereka bakinjira nta nkomyi.

Uko ni ko Zwingli yarwanye urugamba yari ahanganyemo n'abanzi be. Uwitwa Myconius yaravuze ati: "Kubw'ubwunganizi bwe, amajoro yararaga adasinziriye n'inama yatangaga akazohereza i Baden, Zwingli yakoze cyane kuruta uko byari kugenda iyo yiyizira muri izo mpaka agahangana n'abanzi be imbonankubone."[165]

Abari bashyigikiye Roma basaga n'abamaze gutsinda, bari baje i Baden bambaye imyambaro y'agaciro kenshi cyane kandi iriho amasaro abengerana. Bakabyaga mu kurya mu buryo bwa gikire, ameza yabo yabaga yuzuyeho ibyokurya bihenda n'inzoga zikomeye cyane. Umutwaro w'inshingano zabo nk'abayobozi b'itorero bawoheheshaga guhugira mu kwinezeza. Abagorozi bo bagaragaraga ko bahabanye cyane nabo. Rubanda rwabonaga ko abagorozi bitwara neza kurusha abo bayobozi basabirizaga. Amafunguro yoroheje y'abagorozi yatumaga badatinda ku meza. Umuntu wari ucumbikiye Oecolampadius mu nzu yafashe akanya ko kwitegereza ibyo yakoreraga mu cyumba yabagamo, igihe cyose yasangaga ari kwiga cyangwa asenga, maze aza kuvuga atangaye ko uwo muntu bitaga ko yayobye ari "umuntu w'intungane cyane."

Mu gihe cy'inama, "Eck yazamukanaga isheja akajya ku ruhimbi rwabaga rurimbishijwe cyane mu gihe Oecolampadius wari umuntu woroheje, wabaga yambaye imyambaro yoroheje, we yagombaga kwicara ku gatebe kabaje nabi imbere y'abo bari bahanganye."[166]
Ijwi rya Eck ryaranguruzaga ndetse n'icyizere cyamurangaga ntibyamutengushye. Umwete we wakangurwaga no kwiringira ko azahabwa izahabu kandi akamamara,

165 -D'Aubigné, b.11, ch.13.
166 -*Ibid*., b.11, ch.13.

kubera ko uwaburaniraga ukwizera yagombaga kugororerwa amafaranga menshi. Iyo yaburaga ingingo nziza avuga, yifashishaga ibitutsi ndetse no kurahira.

Oecolampadius wari usanzwe ari umuntu woroheje kandi uvuga make ntiyari yarashatse kujya muri urwo rugamba maze arwinjiramo yiyemeje agira ati: "Nta rundi rugero ngenderwaho mu gufata umwanzuro ruruta Ijambo ry'Imana."[167]
Nubwo yari afite kwiyoroshya n'ikinyabupfura yagaragaje ko ari umuntu ushoboye kandi udakurwa mu byimbo. Mu gihe abashyigikiye Roma bumvaga bafite ubutware baheshwa n'imigenzo y'itorero ryabo, umugorozi Oecolampadius we yihambiraga ku Byanditswe Byera. Oecolampadius yaravuze ati: "Mu Busuwisi bwacu imigenzo nta mbaraga ifite keretse gusa ibaye ihuje n'itegeko-nshinga; none ubu mu byerekeye kwizera, Bibiliya ni yo tegeko-nshinga ryacu."[168]

Guhabana kw'abo bantu babiri bajyaga impaka ntikwabuze kugira ingaruka. Imitekerereze itunganye kandi ituje umugorozi yagaragaje mu buryo bufite imbaraga kandi bworoheje yakoze ku mitima y'abantu ku buryo yazinutswe ibyo Eck yavuganaga ubwibone no kwishongora.

Ikiganiro-mpaka cyarakomeje kimara iminsi cumi n'umunani. Ubwo cyari kirangiye abayoboke ba Papa bavuganaga ishema ko batsinze. Abenshi mu ntumwa zari zihagarariye abandi zari ziri ku ruhande rwa Roma, maze inama y'abategetsi bakuru itangaza ko abagorozi batsinzwe kandi ivuga ko bo na Zwingli umuyobozi wabo baciwe mu itorero. Ariko umusaruro wavuye muri iyo nama wagaragaje uruhande rwari rufite ukuri. Izo mpaka zaje kubyara imbaraga ikomeye ku ruhande rw'ubugorozi maze nyuma y'aho gato imijyi y'ingenzi ya Bern na Basel itangaza ko iyobotse ubugorozi.

IGICE CYA 10

ITERAMBERE RY'UBUGOROZI MU BUDAGE

Kubura kwa Luteri mu buryo bw'amayobera kwateje akayubi mu gihugu cy'Ubudage cyose. Hirya no hino abantu bibazaga ibye. Inkuru mbi zakomezaga gukwirakwizwa kandi abantu benshi bizeraga ko yaba yarishwe. Habayeho kuganya gukomeye bitari gusa ku ncuti ze zari zarabishyize ku mugaragaro, ahubwo no mu bantu ibihumbi byinshi batari barifatanyije n'Ubugorozi. Abantu benshi ntibatinyaga kurahirira ko bazamuhorera.

Abayobozi b'itorero ry' i Roma barebanaga ubwoba bwinshi uburyo rubanda rwabarebaga nabi mu buryo bukomeye. Nubwo mbere bari banejejwe no kumva

167 -Ibid., b.11, ch.13.
168 -*Ibid*., b.11, ch.13.

ko Luteri yapfuye, ntibyatinze maze bifuza kwihisha umujinya w'abantu. Ntabwo abanzi ba Luteri bari barabujijwe amahwemo n'ibikorwa yakoreraga hagati yabo yisanzuye nk'uko byabagendekeye ubwo yari atakiboneka. Abari barazabiranyijwe n'uburakari bagashaka guhitana Umugorozi wari ushize amanga noneho bari buzujwe ubwoba n'uko yaburiwe irengero. Umwe muri bo yaravuze ati: "Inzira imwe rukumbi isigaye yo kugira ngo twikize ni uko twacana amasitimu maze tugashakashaka Luteri aho yaba ari hose ku isi kugira ngo tumugarurire abantu bamwifuza."[169]

Itegeko ry'umwami w'abami ryasaga n'iritagifite imbaraga. Intumwa za Papa zakozwe n'isoni ubwo zabonaga ko itegeko ry'umwami w'abami ryari ryitaweho buhoro aho kugira ngo rigene iherezo rya Luteri.

Inkuru zivuga ko Luteri ari amahoro nubwo yari imfungwa zatumye ubwoba abantu bari bafite butuza ariko na none bituma abantu barushaho kumugirira urukumbuzi. Inyandiko ze zarushijeho gusomwa kuruta mbere. Abantu benshi barushaho kwiyongera bajya mu ruhande rw'uwo mugabo w'intwari wari warashyigikiye ijambo ry'Imana mu kaga gakomeye gatyo. Ubugorozi bwahoraga burushaho kugira imbaraga. Imbuto Luteri yari yarabibye yameraga ahantu henshi. Kutaboneka kwe byakoze umurimo utarabashije gukorwa igihe yabonekaga ahibereye. Igihe umuyobozi wabo ukomeye yabakurwagamo, abandi bakozi bumvise bafite inshingano nshya. Bafite kwizera gushya n'umuhati barushijeho kujya mbere kugira ngo bakore n'imbaraga zabo zose ngo umurimo watangiye neza udakomwa mu nkokora.

Ariko Satani ntiyari yicaye ubusa. Yageragejе gukora ibyo yari yarakoze mu gihe cy'ubugorozi bwose bwagiye bubaho. Yagiye abeshya kandi akarimbura abantu akoresheje umurimo [w'ubugorozi] bw'ibyiganano mu mwanya w'umurimo nyakuri. Nk'uko mu kinyejana cya mbere cy'itorero rya Gikristo habayeho ba kristo b'ibinyoma, niko no mu kinyejana cya cumi na gatandatu hahagarutse abahanuzi b'ibinyoma.

Abantu bamwe bamaze gukorwa ku mutima no gukanguka kwabayeho mu by'iyobokamana, bibwiye ko bahawe uguhishurirwa kudasanzwe kuvuye mu ijuru, maze bavuga ko Imana yabahaye inshingano yo gukomeza ubugorozi Luteri yari yaratangiranye imbaraga nke nk'uko babivugaga. Mu by'ukuri, basenyaga umurimo Luteri yari yarakoze. Birengagije ihame rikomeye ryari urufatiro rw'ubugorozi ryavugaga ko Ijambo ry'Imana ari ryo muyobozi wihagije wo kwizera n'imikorere, maze uwo muyobozi utayobya bamusimbuza ihame ridashikamye kandi rihindagurika ry'uko biyumva n'amarangamutima yabo. Kubw'iki gikorwa cyo gushyira iruhande Bibiliya yo ifite ububasha bwo kuvumbura amakosa n'ibinyoma, Satani yafunguriwe inzira kugira ngo ayobore intekerezo uko ashaka.

Umwe muri abo bahanuzi yavuze ko yabonekewe na marayika Gaburiyeri. Umunyeshuri wamuyobotse yaretse kwiga maze nawe avuga ko yahawe ubwenge n'Imana ubwayo kugira ngo asobanure ijambo ryayo. Hari abandi bantu bari basanzwe baratwawe n'ubwaka bifatanyije nabo. Imigenzereze y'abo bantu bafite amatwara maremare ntiyabuze guteza umuvurungano. Ibibwirizwa bya Luteri byari

169 -D'Aubigné, b.9, ch.1.

byarakanguye abantu hirya no hino bituma bumva ko ubugorozi bukenewe, none icyo gihe abantu bari basanzwe ari inyangamugayo bayobejwe n'ibyavugwaga n'abo bahanuzi bashya.

Abayobozi b'izo nyigisho bagiye i Wittenberg maze ibyo bavugaga babibwira Melanchthon na bagenzi be. Baravuze bati: "Imana yadutumye kwigisha abantu. Twaganiriye n'Uhoraho, tuzi ibizaba. Mu magambo make turi intumwa n'abahanuzi kandi turabimenyesha na Luteri."[170]

Abagorozi baratangaye kandi bagwa mu rujijo. Bari bahuye n'ikintu batigeze bahura nacyo maze bayoberwa icyo bakora. Melanchthon yaravuze ati: "Aba bantu barimo imyuka idasanzwe, ariko se ni myuka ki?...Ku rundi ruhande ni mutyo twe kuzimya Mwuka w'Imana, ariko ku rundi ruhande twirinde kuyobywa n'umwuka wa Satani."[171]

Bidatinze imbuto zikomotse kuri izo nyigisho nshya zaragaragaye. Abantu bayobowe kwirengagiza Ijambo ry'Imana cyangwa bakarishyira ku ruhande burundu. Amashuri yabaye mu rujijo. Abanyeshuri banze amabwiriza yose, bareka amasomo yabo maze bava muri kaminuza. Ba bantu bibwiraga ko bashoboye kubyutsa no kuyobora umurimo w'ubugorozi nta kindi bagezeho uretse kuwugeza aharindimuka. Noneho abanyaroma bongeye kugarura icyizere maze bavugana insinzi bati: "Hasigaye urugamba rumwe gusa maze bose bakaba abacu. "[172]

Ubwo Luteri yumvaga ibyababaye ari i Wartbourg yavuganye agahinda ati: "Ibihe byose nabaga niteze ko Satani atazabura kuduteza iki cyorezo." Yitegereje imico nyakuri y'abo biyitaga abahanuzi maze abona akaga kibasiye umurimo wo kwamamaza ukuri. Ntabwo kurwanywa na Papa cyangwa umwami w'abami byigeze bimuhangayikisha cyane kandi ngo bimuce intege nk'uko byamugendekeye icyo gihe. Mu bitwaga incuti z'ubugorozi havutse abanzi babwo ruharwa. Ukuri kwari kwaramuzaniye ibyishimo byinshi n'ihumure kwakoreshwaga mu guhembera umuvurungano no guteza urujijo mu itorero.

Mu murimo w'ubugorozi, Luteri yari yarayobowe n'Umwuka w'Imana maze amukoresha ibirenze ibyo yibwiraga. Ntabwo yari yarigeze agambirira gufata imyanzuro nk'iyo yafashe cyangwa ngo ateze impinduka zikomeye nk'izo. Yari yarabaye igikoresho kiri mu maboko y'Imana nyiri ubushobozi butagerwa. Nyamara kandi yahindishwaga umushyitsi no kubona umusaruro uva mu murimo akora. Igihe kimwe yigeze kuvuga ati: "Ndamutse menye ko inyigisho nigisha zakomerekeje n'umuntu umwe, yaba ucishije bugufi cyangwa undi uwo ari we wese, (kandi ntizabikora kuko ari ubutumwa bwiza ubwabwo), nahitamo gupfa incuro cumi aho kubuhakana."[173]

Ubu noneho, umujyi wa Wittenberg ubwawo wari ihuriro ry'Ubugorozi, mu buryo bwihuse wajyaga mu maboko y'inyigisho z'ubwaka no kutumvira amategeko. Ntabwo inyigisho za Luteri ari zo zateje iyo mibereho ibabaje, ariko mu Budage hose, abanzi be barabimwitiriraga bakabimushinja. Rimwe na rimwe yabazanyaga

170 -D'Aubigné, b.9, ch.7.
171 -Ibid., b.9, ch.7.
172 - Ibid., b.9, ch.7.
173 -Ibid., b.9, ch.7.

agahinda ati: “Mbese ibi ni byo bishobora kuba iherezo ry’uyu murimo ukomeye w’ubugorozi?” [174]

Ikindi gihe ubwo yakiranaga n'Imana asenga, yongeye kumva amahoro atashye mu mutima we. Yaravuze ati: “Uyu murimo si uwanjye, ahubwo ni uwawe Mana. Ntuzigera uwemerera kwanduzwa n’imyizerere y’imigenzo cyangwa ubwaka.” Ariko gutekereza ko akwiye kumara igihe kirekire yiturije mu gihe cy'akaga nk'ako byaramunaniye. Yiyemeje gusubira i Wittenberg.

Adatindiganyije yahise afata urwo rugendo rurimo akaga. Yari yaraciwe muri ubwo bwami. Abanzi be bari bafite umudendezo wo kumwica kandi incuti ze zari zarabujijwe kumufasha cyangwa kumuha icumbi. Ubutegetsi bw’umwami w’abami bwafatiraga ibyemezo bikomereye abayoboke be. Ariko yabonye ko umurimo w’ubutumwa bwiza ubangamiwe maze mu izina ry’Umukiza afata urugendo ajya ku rugamba rwo kurwanira ukuri ashize ubwoba.

Mu ibaruwa yohereje igikomangoma, amaze kuvuga iby'umugambi we wo kuva i Wartbourg, Luteri yaravuze ati: “Nyakubahwa, ndifuza kubamenyesha ko ngiye i Wittenberg mfite uburinzi bukomeye kuruta ubw'ibikomangoma. Ntabwo ntekereza rwose ibyo gusaba gushyigikirwa nawe nyakubahwa kandi sinifuza rwose ko wandinda, ahubwo ni njye wifuza kukurinda. Ndamutse menye ko nyakubahwa ushobora cyangwa wifuza kundinda, ntabwo najya i Wittenberg. Nta nkota yashobora kwagura uyu murimo. Imana gusa niyo igomba gukora byose idafashijwe cyangwa se ngo umuntu agire icyo abikoraho. Umuntu ufite kwizera gushikamye niwe ushoboye kurinda. ”[175]

Mu ibaruwa ya kabiri yanditse ari mu nzira yerekeje i Wittenberg, Luteri yongeyeho ati: “Niteguye kwihanganira kutitabwaho namwe nyakubahwa ndetse n'uburakari bw'isi yose. Mbese ntabwo abaturage b’i Wittenberg ari intama zanjye? Mbese Imana si yo yabanshinze? None se mu gihe bibaye ngombwa singomba kwitanga ngo mpfe ku bwabo? Ikindi kandi, ndatinya kubona imivurungano ikomeye mu Budage, izatuma Imana ihana igihugu cyacu.

Yinjiye mu murimo we afite ukwigengesera no kwicisha bugufi ariko kandi afite kumaramaza no gushikama. Yaravuze ati: “Tugomba gukoresha Ijambo ry’Imana tugatsinda kandi tugasenya inyigisho zahawe intebe zikoresheje urugomo. Ntabwo nzakoresha imbaraga mu kurwanya ukutizera n'imyizerere ishingiye ku migenzo. . . Nta muntu n'umwe uzashyirwa ku gahato. Umudendezo ni wo pfundo ryo kwizera.”[176]

Bidatinze inkuru yakwirakwiye mu mujyi wa Wittenberg ko Luteri yagarutse kandi ko agomba kubwiriza. Abantu benshi baturutse imihanda yose maze kiriziya yuzura abantu baranasaguka. Yarazamutse ajya kuri aritari arigisha, atanga inama kandi agira n’ibyo anenga ariko akabikorana ubushishozi n'ubwitonzi bwinshi. Ubwo yavugaga ku mikorere ya bamwe bakoresheje ingamba zirimo urugomo mu gukuraho misa, yaravuze ati: “Misa ni ikintu kidatunganye; ntabwo Imana iyishyigikiye, igomba kuvaho; kandi ndifuza ko ku isi yose misa yasimburwa no gusangira ubutumwa bwiza. Ariko mureke he kugira umuntu uyibuzwa ku gahato.

174 -Ibid., b.9, ch.7.
175 - Ibid., b.9, ch.8.
176 Ibid., b.9, ch.8.

Icyo kibazo tugomba kukirekera mu maboko y'Imana. Ijambo ryayo niryo rigomba kugira icyo rikora ntabwo ari twe. Mwabaza muti kuki byagenda bityo? Kubera ko nta fite imitima y’abantu mu biganza byanjye, nk'uko umubumbyi aba afite ibumba mu biganza bye. Dufite uburenganzira bwo kuvuga ariko ntidufite uburenganzira bwo kugira icyo dukora. Mureke twe tubwirize, ibisigaye ni iby’Imana. Ndamutse nkoresheje imbaraga, icyo nakunguka ni iki? Nabona: Kunegurizwa izuru, kurangiza umuhango, amabwiriza y'abantu n'uburyarya . . . Ariko ntihabaho ukuri kuvuye ku mutima, nta kwizera nta n'urukundo. Aho ibyo bintu uko ari bitatu bibuze, nta kintu na kimwe kiba gihari, kandi sinashyigikira umusaruro nk'uwo. Imana ikoresha ijambo ryayo ryonyine ibirenze ibyo njye namwe ndetse n'isi yose dushobora gukora dushyize hamwe imbaraga zacu. Imana yigarurira umutima kandi iyo umutima wafashwe, Imana iba yigaruriye byose. . .

“Nzabwiriza, mvuge kandi nandike, ariko sinzigera mpata umuntu kubera ko kwizera ari igikorwa gikoranwa ubushake. Nimurebe ibyo nakoze! Narwanyije Papa, indurugensiya n’abayoboke ba Papa ariko nabikoze ntawe mputaje cyangwa ngo nteze imvururu. Icyo nashyize imbere ni Ijambo ry’Imana, narabwirije kandi ndandika nta kindi nakoze. Ariko mu gihe nari ndyamye, ijambo nari narabwirije ryasenye ubupapa ku buryo yaba igikomangoma cyangwa umwami w’abami batigeze babukoresha bene ako kageni. Nyamara kandi njye ntacyo nakoze, Ijambo ry’Imana ryonyine ni ryo ryakoze byose. Iyo mba narifuje gukoresha imbaraga, bishoboka ko Ubudage bwose bwajyaga gutembamo amaraso. Ariko se ingaruka iba yarabaye iyihe? Hari kubaho gusenyuka no kurimbuka by'ubugingo n’umubiri. Kubw'ibyo naracecetse maze ndeka Ijambo ry'Imana ryonyine rikwirakwiza ku isi.”[177]

Luteri yamaze icyumweru cyose buri munsi abwiriza imbaga y’abantu bari bafitiye amatsiko. Ijambo ry’Imana ryaganje umwuka wo gutwarwa utewe n'ubwaka. Imbaraga y’ubutumwa bwiza yagaruye mu nzira y'ukuri abantu bari barayobejwe.

Ntabwo Luteri yifuzaga guhura n’abo bantu b'abaka bari barateje akaga gakomeye gatyo kubw'imikorere yabo. Yari azi neza ko ari abantu bafite imitekerereze idatunganye kandi batabasha kwitegeka, Abo bantu nubwo bavugaga ko bamurikiwe n'ijuru mu buryo budasanzwe, ntabwo babashaga kwihanganira uguhinyuzwa uko kwaba koroheje kose cyangwa se ubacyaha mu kinyabupfura cyangwa ubagira inama. Kubera kwibona bakiha ubutware kuruta abandi, basabaga umuntu wese kwemera ibyo bavuga atagize icyo abaza. Ariko ubwo basabaga ko bagirana na Luteri ikiganiro, yemeye kuganira nabo maze abasha kugaragaza neza ibyo biyitiriraga ku buryo abo biyoberanyaga bahise bava i Wittenberg.

Ya matwara y'ubwaka yabaye ahagaze mu gihe runaka; ariko hashize imyaka myinshi yongera kwaduka noneho afite ubukana burushijeho n'ingaruka mbi cyane. Luteri yavuze iby’abayobozi b'ubwo bwaka ati: “Kuri bo, Ibyanditswe Byera byari urwandiko rupfuye, ariko bose batangira kwiyamira bati: 'Umwuka! Umwuka!' Ariko njye sinzigera nkurikira aho umwuka wabo ubayobora. Ndasaba Imana ngo mu mbabazi zayo, indinde kuba mu itorero ritarimo abera. Nifuza kwibanira n’abicisha bugufi, abanyantegenke, abarwayi, bazi kandi bumva bafite ibyaha ndetse

177 - Ibid., b.9, ch.8.

bahora baniha batakira Imana babikuye ku mutima kugira ngo ibahumurize kandi ibafashe."[178]

Uwitwa Thomas MÜnzer wari umuntu ushishikaye kurusha abandi mu bwaka, yari umuntu ufite ubushobozi butangaje bwajyaga kuba bwaramushoboje gukora ibyiza iyo buza gukoreshwa neza, ariko ntiyari yarize amahame y'ibanze y'idini nyakuri. "Nk'uko abandi baka babigenza, yari yaratwawe n'icyifuzo cyo kuvugurura isi, maze yibagirwa ko ubugorozi (ivugururwa) bukwiriye gutangirira kuri we ubwe."[179]
Yari afite inyota yo kubona umwanya wo hejuru no kwemerwa mu bantu kandi ntiyifuzaga kuba uwa kabiri ku muntu uwo ari we wese ndetse no kuri Luteri. Yavuze ko mu gufata ubutware bwa Papa bakabusimbuza ubw'Ibyanditswe, abagorozi babaga bari gushinga ubundi bupapa butandukanye n'ubwo. We ubwe yivugiraga ko yatumwe n'Imana kugira ngo atangize ubugorozi nyakuri. Thomas MÜnzer yaravuze ati: "Umuntu ufite uyu mwuka afite ukwizera nyakuri nubwo mu mibereho ye atabona Ibyanditswe Byera na rimwe."[180]

Abigisha b'abaka bemeye kuyoborwa bishingiye ku marangamutima, bagafata ko igitekerezo cyose kibajemo n'imbaraga ibahata byose ari ijwi ry'Imana; niyo mpamvu bagendaga bakagera kure birenze urugero. Bamwe bagera ubwo batwika Bibiliya zabo bavuga ngo: "Inyuguti iricisha, ariko Umwuka utanga ubugingo." Inyigisho za MÜnzer zanyuraga irari ry'abantu bashakaga udushya ari nako zashyigikiraga ubwibone bwabo hakoreshejwe kurutisha ijambo ry'Imana imyumvire n'ibitekerezo by'abantu. Inyigisho ze zakiriwe n'abantu ibihumbi byinshi. Bidatinze yavuze ko atemera ko mu materaniro yo gusengera hamwe habamo gahunda, kandi avuga ko kubaha ibikomangoma ari ukugerageza gukorera Imana na Beliyali (Satani).

Intekerezo z'abantu zari zaratangiye kurambirwa igitugu cy'ubutegetsi bwa Papa na none zari zirambiwe kuba munsi y'amabwiriza y'ubutegetsi bwa Leta. Inyigisho za MÜnzer zo kwivumbagatanya yavugaga ko zishyigikiwe n'ijuru, zateye abantu kuba ibyigenge maze ziha intebe urwikekwe n'irari byabo. Ibyo byaje kubyara kwigomeka n'imyivumbagatanyo maze igihugu cy'Ubudage cyuzura imivu y'amaraso.

Ubwo Luteri yabonaga ingaruka ubwaka buteje Ubugorozi, yagize umubabaro mu mutima wikubye kabiri uwo hari hashize igihe kirekere yaragiriye ahitwa Erfurt. Ibikomangoma byari bishyigikiye Papa byavuze ko inyigisho za Luteri ari zo nkomoko y'ubwigomeke kandi benshi bari biteguye kwemera iyo mvugo. Nubwo icyo kirego nta shingiro na rito cyari gifite, ntabwo cyari kubura guteza Luteri umubabaro ukomeye. Kuba umurimo wo kwamamaza ukuri wari gupfobywa muri ubwo buryo bitewe no kuwushyira ku rwego rumwe n'ubwaka, byasaga n'ibirenze ibyo ashobora kwihanganira. Ku rundi ruhande, abari bayoboye uko kwivumbura bangaga Luteri bitewe n'uko atari yararwanyije inyigisho zabo kandi ntiyemera ibyo bavugaga ko babonekewe n'umucyo mvajuru gusa, ahubwo yari yaranavuze ko ari ibyigomeke ku butegetsi bwa Leta. Mu kwihimura bamureze kuba umuntu wiyemera bikabije. Ubwo rero yasaga n'uwihamagariye urwango rw'ibikomangoma na rubanda.

---

178 -Ibid., b.10, ch.10.
179 - Ibid., b.9, ch.8.
180 - Ibid., b.10, ch.10.

Abayoboke b'itorero ry'i Roma bari bishimye, biteze kubona Ubugorozi busenyuka vuba vuba; kandi bakanenga Luteri bamugerekaho n'amakosa yari yaraharaniye cyane gukosora. Agatsiko k'abaka, kubwo kubeshya bavuga ko bahohotewe bikomeye, bashoboye kugira umugabane w'abantu benshi ujya mu ruhande rwabo, kandi nk'uko bikunze kuba ku bantu bishora mu buyobe, bageze ubwo bafatwa nk'abarenganirizwa kwizera kwabo. Bityo ba bandi bakoreshaga imbaraga zose barwanya ubugorozi bagiriwe impuhwe kandi bagashimagizwa nk'abantu bagiriwe nabi kandi bagakandamizwa. Uwo wari umurimo wa Satani, wari utejwe na wa mwuka wo kwigomeka wagaragariye bwa mbere mu ijuru.

Satani ahora ashaka kuyobya abantu no kubatera kwita icyaha ubutungane, n'ubutungane bakabwita icyaha. Mbega uburyo umurimo we wageze ku nsinzi! Ni incuro zingahe abagaragu b'Imana b'indahemuka banengwa kandi bakanegurwa bitewe n'uko barwanirira ukuri badatinya! Nyamara abantu bakorera Satani bahabwa icyubahiro kandi bagashimagizwa ndetse bagafatwa ko barengana bazira kwizera kwabo mu gihe abari bakwiriye kubahwa kandi bagashyigikirwa kubera kuba indahemuka ku Mana baba intabwa, bakagirwa abantu bo kwirindwa no kutiringirwa.

Ubutungane bw'ubwiganano, no kwihangishaho kwera biracyakora umurimo wabyo wo kuyobya abantu. Byitwikira amashusho atandukanye maze bikagaragaza umwuka nk'uwo mu gihe cya Luteri, bigateshura intekerezo z'abantu zikava ku Byanditswe kandi bigatera abantu gukurikiza irari ryabo n'intekerezo zabo bwite aho kumvira amategeko y'Imana. Ayo ni amwe mu mayere akomeye Satani akoresha kugira ngo agayishe ubutungane n'ukuri.

Luteri yarwaniriye ubutumwa bwiza nta bwoba afite maze aburinda ibitero byaturukaga impande zose. Mu makimbirane yose yabayeho, Ijambo ry'Imana ryigaragaje ko ari intwaro ikomeye. Yakoresheje iryo jambo ububasha papa yari yarihaye ndetse n'ibitekerezo byo gukurikiza imitekerereze y'umuntu ku giti cye by'abiyitaga abahanga b'icyo gihe ari na ko yashikamye nk'urutare akarwanya ubwaka bwashakaga kwifatanya n'Ubugorozi.
Buri muntu wese muri abo barwanyaga ubugorozi yabaga afite inzira ye yihariye yirengagizagamo Ibyanditswe Byera maze agaha isumbwe ubwenge bwa kimuntu ko ari bwo soko y'ukuri n'ubwenge mu by'iyobokamana. Kwishingikiriza ku mitekerereze ya kimuntu biha ikuzo ubwenge bw'umuntu maze bikabuhindura ingingo nshingirwaho mu myizerere. Gahunda y'imikorere y'itorero ry'i Roma yavugaga ko ubuyobozi bw'ikirenga bw'itorero ryabo bufite inkomoko ku ruhererekane rutigera rusenyuka rwahereye ku ntumwa kandi rutajya ruhinduka mu bihe byose, maze iha icyuho gukabya mu bibi k'uburyo bwose no gusayisha bigatwikizwa ubutungane bw'inshingano yahawe intumwa.

Uguhishurirwa Münzer n'abambari be bavugaga ko bagize nta handi kwari kwaraturutse uretse ku buyobe bw'imitekerereze kandi ingaruka zabyo zari izo gukuraho ubutware bwose bwaba ubw'abantu cyangwa ubw'Imana. Ubukristo nyakuri bwakira Ijambo ry'Imana nk'ububiko bukomeye burimo ukuri kwahumetswe [n'Imana] kandi rikaba ari ryo gipimo cy'amahishurwa yose.

Luteri amaze kuva i Wartbourg, nibwo yarangije umurimo wo gusobanura Isezerano Rishya, maze bidatinze ubutumwa bwiza bugezwa ku baturage b'Ubudage

mu rurimi rwabo. Ubwo butumwa bwiza busobanuye mu Kidage bwakiranwe ibyishimo byinshi n'abantu bose bakundaga ukuri, ariko bwasuzuguwe n'abahisemo imigenzo n'amategeko by'abantu.

Abapadiri batewe ubwoba n'uko rubanda rwa giseseka noneho ruzabasha kujya rujya impaka nabo ku byerekeye Ijambo ry'Imana, kandi ko muri ubwo buryo ubumenyi bwabo buke buzajya ahagaragara. Intwaro z'imitekerereze yabo ya kimuntu ntizari zifite imbaraga yanesha inkota y'Umwuka. Roma yakoresheje ububasha bwayo bwose kugira ngo ibuze ikwirakwizwa ry'Ibyanditswe; ariko amategeko akaze, gucira abantu ho iteka kubera ko bitandukanyije n'inyigisho z'itorero ry'i Roma ndetse no kwica urw'agashinyaguro byose byabaye imfabusa. Uko Roma yaciragaho iteka Bibiliya kandi ikabuzanya kuyisoma niko abantu barushagaho gushaka kumenya icyo yigisha mu by'ukuri. Abantu bose bashoboraga gusoma bari bashishikariye kwiyigisha Ijambo ry'Imana. Barayigendanaga ahantu hose, bakayisoma, bakayisubiramo incuro nyinshi kandi ntibanyurwe batamaze kugira imirongo imwe bafashe mu mutwe. Luteri abonye ubwuzu abantu bakiranye Isezerano Rishya, yahise atangira gusobanura Isezerano rya Kera maze igice yabaga amaze kurangiza agahita agisohora akacyohererereza abasomyi.

Inyandiko za Luteri zakirwaga mu buryo bumwe n'abantu bo mu mijyi kimwe n'abo mu midugudugu mito. "Ibyo Luteri n'incuti ze bandikaga, abandi barabikwirakwizaga. Abapadiri bamaze kubona ko kwigumira mu byo bakorera mu bigo byabo binyuranyije n'amategeko, bifuje kureka ubwo buzima burangwa n'ubunebwe babayemo igihe kirekire bakabusimbuza gukora, ariko kubera ko batari basobanukiwe ku buryo batabashaga kubwiriza Ijambo ry'Imana, bagiye mu ntara zose bagasura imidugudu mito ndetse n'ingo z'aboroheje bakahagurisha ibitabo bya Luteri n'incuti ze. Bidatinze Ubudage bwari bwuzuwe n'abo babwiririshabutumwa ibitabo b'abanyamwete."[181]

Izo nyandiko ziganwe ubwuzu bwinshi cyane n'abakire, abakene, abanyabwenge n'abaswa. Nijoro, mu ijwi riranguruye, abarimu bo ku mashuri yo mu midugudu bazisomeraga amatsinda y'abantu bateraniraga hamwe bota umurimo. Abantu bamwe bemeraga ukuri n'umuhati wose, bakakira ijambo ry'Imana banezerewe maze nabo bakazageza iyo nkuru nziza ku bandi.

Uko ni ko amagambo yahumetswe n'Imana yasohoye ngo: "Guhishurirwa amagambo yawe kuzana umucyo, guha abaswa ubwenge."[182] Kwiga Ijambo ry'Imana kwatezaga impinduka zikomeye mu ntekerezo n'imitima by'abantu. Ubutegetsi bwa Papa bwari bwarashyize ku bo butegeka umutwaro uremereye nk'icyuma wari ubahejeje mu bujiji no gusigingira. Hari harabayeho gukomera badakebakeba ku kubahiriza imigenzo igaragara inyuma, ariko mu byo bakoraga byose, umutima n'ubwenge byari bifitemo umugabane muto cyane. Ikibwirizwa cya Luteri, cyashyiraga ahagaragara ukuri kose kw'Ijambo ry'Imana kandi n'iryo jambo ubwaryo ryari ryarashyikirijwe rubanda rwa giseseka, byari byarakanguye ubushobozi bw'abantu bwari bwarasinziriye, ntibitunganye kandi ngo bikomeze kamere y'iby'umwuka gusa ahubwo bikanaha ubwenge imbaraga nshya.

181 -Ibid.,b.9, ch.11.
182 Zaburi 119:130

Wabonaga abantu bo mu nzego zose bitwaje Bibiliya mu biganza byabo, kandi bakarengera inyigisho z'Ubugorozi. Abayoboke ba Papa bari barahariye kwiga Ibyanditswe abapadiri n'abandi bihaye Imana, noneho barabatabaje ngo bahaguruke maze bavuguruze izo nyigisho nshya. Ariko kuko batari basobanukiwe n'Ibyanditswe ndetse n'imbaraga y'Imana, abo bapadiri n'abandi bihaye Imana batsinzwe ruhenu n'abo bari bararwanyije bavuze ko ari injiji kandi bayobye. Umwanditsi umwe w'umugatorika yaravuze ati: "Birababaje, kubona Luteri yari yaremeje abayoboke be kutagira ikindi bizera uretse Ibyanditswe Byera."[183] Abantu benshi bateranywaga no kumva ukuri kwari gushyigikiwe n'abantu batize amashuri menshi ndetse bakabasha kubijyaho impaka n'abize iby'iyobokamana kandi b'intyoza. Ubujiji buteye isoni bw'abo bantu bakomeye bwajyaga ahagaragara ubwo ingingo zabo zatsindwaga n'inyigisho zoroheje z'Ijambo ry'Imana. Abanyamyuga, abasirikare, abagore ndetse n'abana bari bazi neza inyigisho za Bibiliya kurusha abapadiri n'abahanga baminuje.

Itandukaniro ryari hagati y'abigishwa b'ubutumwa bwiza n'abashyigikiye imihango y'ubupapa ryagaragaraga mu nzego z'abize kimwe no muri rubanda. "Imbere y'abakomeye bari bakuze kandi bashyigikiye isumbanyabubasha, bari barasuzuguye kwiga indimi n'ubuvanganzo, hari abasore b'abanyabuntu, bari bashishikariye kwiga no gusesengura Ibyanditswe kandi bakimenyereza inyandiko z'imena zo mu gihe cya kera cyane. Kubera ko bari bafite intekerezo zikora cyane, kureba kure n'umutima w'ubutwari, bidatinze abo basore bageze ku bumenyi butangaje ku buryo nta muntu wabashaga kwigereranya na bo. . . Kubera iyo mpamvu, iyo abo basore bari bashyigikiye ubugorozi bahanganiraga mu ruhame rwa benshi n'intiti zo ku ruhande rwa Roma, babazimbaga mu bitekerezo bitababgoye kandi bafite isheja ku buryo abo bantu badasobanukiwe bajijinganyaga, bagacika intege maze bagakorwa n'isoni mu maso y'abantu bose."[184]

Ubwo abayobozi b'itorero ry'i Roma babonaga ko abantu baza mu materaniro yabo bagabanuka, biyambaje abacamanza, maze bakoresha inzira zishoboka zose ziri mu bushobozi bwabo bityo bashishikarira kugarura abazaga kubumva. Ariko abantu bari bamaze kubona muri izo nyigisho nshya igisubizo cyahagije ubukene bw'imitima yabo, maze batera umugongo abari baramaze igihe kirekire babagaburira inyigisho z'imihango idafite akamaro ndetse n'imigenzo by'abantu.

Igihe itotezwa ryageraga ku bigisha b'ukuri, bitaye cyane ku magambo ya Kristo wavuze ati: "Nibabarenganiriza mu mudugudu umwe, muzahungire mu wundi." [185]Umucyo winjiye ahantu hose. Ababaga bahunze babasha kugira aho babona imiryango ibafunguriwe, bakahacumbikirwa maze bakahaba. Rimwe na rimwe babwirizaga ibya Kristo mu nsengero ariko batabyemererwa bakabwiririza mu mazu yihariye cyangwa hanze. Ahantu hose bashoboraga kubona ababatega amatwi, habaga urusengero rwejejwe. Ukuri kwabwirizanyijwe imbaraga nyinshi n'ibyiringiro nk'ibyo, kwamamaye gufite imbaraga idashobora gukomwa mu nkokora.

Byabaye iby'ubusa guhamagaza abayobozi mu by'idini n'ubutegetsi bwa Leta ngo basenye icyo bitaga ubuyobe. Byababereye iby'ubusa na none kwiyambaza

183 -D'Aubigné, b.9, ch.11.
184 -Ibid., b.9, ch.11.
185 Matayo 10:23

kubashyira muri gereza, kubica urw'agashinyaguro, kubatwika no kubicisha inkota. Ibihumbi byinshi by'abizera bahamishije kwizera kwabo kumenerwa amaraso, ariko ntibyabujije uwo murimo gukomeza. Icyo itoteza ryakoze gusa ni ukwamamaza ukuri, maze ubwaka Satani yari ashishikariye komatanya n'ukuri bwaje kurushaho kugaragaza neza itandukaniro riri hagati y'umurimo wa Satani n'uw'Imana.

IGICE CYA 11

UBUHAKANYI BW'IBIKOMANGOMA

Bumwe mu buhamya bukomeye bwigeze buvugwa ku Bugorozi, bwabaye guhakana inyigisho z'i Roma kwakozwe n'ibikomangoma byo mu Budage byayobotse Kristo kwabereye mu nama y'abategetsi bakuru y'i Spires mu mwaka wa 1529. Ubutwari, ukwizera no gushikama kw'abo bantu b'Imana byahesheje umudendezo mu bitekerezo no kuyoborwa n'umutimanama ku bo mu myaka yakurikiyeho. Uguhakana kwabo ni ko kwahesheje itorero rivuguruye izina ry'"Abaporotesitanti." Amahame y'uko guhakana niyo "shingiro ry'Ubuporotesitanti."[186]

Igihe cyijimye kandi cy'akaga cyari kigeze ku Bugorozi. Nubwo iteka ryaciriwe i Worms, ryavuze ko Luteri atagifite itegeko rimurengera kandi rikabuzanya kwigisha cyangwa kwemera amahame ye, ukwihanganirana mu by'iyobokamana kwari kwarakomeje kuba mu gihugu. Uburinzi bw'Imana bwari bwarahagaritse imbaraga zarwanyaga ukuri. Umwami Charles wa V yari yariyemeje kuzimangatanya Ubugorozi, nyamara uko yazamuraga ukuboko kwe ngo aburwanye yajyaga akomwa mu nkokora akabireka. Incuro nyinshi abantu batinyukaga kwitandukanya na Roma, byajyaga bisa n'aho kurimbuka kwabo kugiye kugera nta gisibya. Ariko ubwo byari bigeze ahakomeye, ingabo za Turukiya zateye ziturutse ku mupaka w'iburasirazuba, n'umwami w'Ubufaransa ndetse na Papa ubwe kuko babaga batewe ishyari no kwiyongera ko gukomera k'Umwami w'abami bityo bamushozaho intambara; maze bibaye bityo, igihe mu bihugu hari hari intambara n'imivurungano, Ubugorozi bwo bwabonye agahenge ko gukomera no gukwira hose.

Nyamara amaherezo, ibyegera bya Papa byahagaritse impaka byabagamo kugira ngo bashyire hamwe barwanye Abagorozi. Inama y'abategetsi bakuru y'i Spires yo mu 1526 yari yarahaye umudendezo buri Leta mu byerekeye iyobokamana kugeza igihe inama nkuru yateranye. Ariko bidatinze akaga kari kamaze kuba kenshi ku buryo Umwami w'abami yatumije inama nkuru ya kabiri ngo iteranire i Spires mu 1529 hagamijwe kurimbura ubuyobe. Bagombaga kubishoramo n'ibikomangoma hifashishijwe n'uburyo bw'amahoro bibaye bishobotse, kugira ngo barwanye Ubugorozi; ariko mu gihe ubwo buryo butageze ku ntego, Umwami w'abami Charles yari yiteguye gukoresha inkota.

186 -D'Aubigné, b.13, ch.6.

Abambari ba papa babyinaga insinzi. Baje i Spires ar benshi cyane maze berekana ku mugaragaro urwango bafitiye abagorozi n'abari babashyigikiye. Melanchthon yaravuze ati: "Twagizwe ibicibwa, dufatwa nk'ibishingwe mu isi, ariko Kristo yita ku bwoko bwe kandi azaburengera."[187]

Ibikomangoma byari byaremeye ubutumwa bwiza byari biri muri iyo nama y'abategetsi bakuru byabujijwe ko hagira ubutumwa bwiza bubwirizwa no mu ngo zabo bwite. Ariko abaturage b'i Spires bari bafitiye inyota Ijambo ry'Imana, maze nubwo bari barabibujijwe, abantu ibihumbi byinshi bazaga mu materaniro yo gusenga yaberaga muri kiriziya y'umwepisikopi w'i Saxony.

Ibyo byihutishije akaga. Intumwa iturutse i bwami yabwiye abari muri iyo nama nkuru ko kubera ko umwanzuro waheshaga umudendezo mu gukoresha umutimanama w'umuntu watumye havuka imivurungano, umwami w'abami yasabye ko uwo mwanzuro wakurwaho. Icyo gikorwa kitemewe n'amategeko cyarakaje kandi gitera ubwoba Abakristo b'ababwirizabutumwa. Umwe muri bo yaravuze ati: "Kristo yongeye kujya mu maboko ya Kayafa na Pilato." Abambari ba Roma barushijeho gukaza ubugome. Umwe muri abo bayoboke ba Papa yavuganye uburakari ati: "Abanyaturukiya barusha ubwiza Abayoboke ba Luteri kubera ko bo bubahirizaga iminsi yo kwiyiriza ubusa, kandi abayoboke ba Luteri ntibayubahirize. Niba tugomba guhitamo hagati y'Ibyanditswe Byera by'Imana n'amakosa ya kera yamenyerewe mu Itorero, dukwiriye kureka Ibyanditswe Byera."

Melanchthon yaravuze ati: "Buri munsi mu ruhame Faber atera ibuye rishya twe ababwirizabutumwa bwiza."[188]

Uburenganzira mu by'idini bwari bwarashyizweho mu buryo bw'amategeko, maze za Leta zari zaremeye ubutumwa bwiza ziyemeza kurwanya kuvogerwa k'uburenganzira bwazo. Luteri wari ukiri igicibwa kuva igihe cy'iteka ry'i Worms, ntabwo yari yemerewe kugera i Spires; ariko mu mwanya we yari ahagarariwe na bagenzi be ndetse n'ibikomangoma Imana yari yarahagurukirije kurengera umurimo we muri icyo gihe cy'akaga gakomeye. Igikomangoma Ferederiko w'i Saxony wari wararinze Luteri, yari yarapfuye, ariko umuvandimwe we Yohani wamusimbuye yari yarakiriye ubugorozi n'umunezero; kandi kubera ko yakundaga amahoro, yakoresheje imbaraga nyinshi n'ubutwari mu bibazo byose byerekeranye n'inyungu mu byo kwizera.

Abapadiri basabye za Leta zayobotse ubugorozi ko zitazuyaje zakwemera gucibwa urubanza n'inkiko za Roma. Ku rundi ruhande, abagorozi basabaga umudendezo bari barahawe mbere. Ntibashoboraga kwemera ko Roma yongera kwigarurira izo Leta zari zarakiranye Ijambo ry'Imana umunezero mwinshi.

Nk'uburyo bwo kumvikana, amaherezo byaje gusabwa ko aho ubugorozi bwari butarashinga imizi, iteka ryaciriwe i Worms rigomba kubahirizwa cyane; kandi ko "muri Leta zaciye ukubiri n'iryo teka, ndetse n'aho babasha kubahiriza iryo teka ntibitere akaga k'umuvurungano, basabwe kutagira ubugorozi bushya bakora, ntibagombaga kugira ingingo iteza impaka bavugaho, ntibagombaga kurwanya kwizihiza misa, kandi ntibagombaga kugira umugatorika w'i Roma wemererwa

187 - Ibid., b.13, ch.5.
188 - Ibid., b.13, ch.5.

kwinjira mu itsinda rya aba Luteri."[189]
Izo ngamba zemejwe n'inama y'abategetsi bakuru maze zinezeza cyane abapadiri n'ibyegera bya Papa.

Iyo iryo teka riza kubahirizwa n'imbaraga nyinshi, "Ubugorozi ntibwajyaga kugera aho bwari butaramenyekana cyangwa ngo bushinge imizi bukomere aho bwari bwaramaze kugera."[190]
Umudendezo wo gutanga ibitekerezo by'umuntu wari gukomwa mu nkokora. Nta kwihana ngo umuntu ahinduke kwajyaga kwemerwa, kandi incuti z'Ubugorozi zari zisabwe kumvira ayo mabwiriza yatanzwe ndetse n'ibyabuzanyijwe. Ibyiringiro by'abatuye isi byasaga n'ibiyoyotse. "Kongera guhabwa intebe kw'imitegekere ya Roma kwagombaga byanze bikunze kugarura ibibi byahozeho kera;" kandi mu buryo bwihuse hari kuboneka icyuho cyo "kurangiza gahunda yo gusenya umurimo wari umaze kunyeganyezwa mu buryo bw'urugomo" n'agatsiko k'abaka ndetse n'amacakubiri.[191]
Igihe itsinda ry'abashyigikiye ubutumwa bwiza ryateranaga ngo bajye inama y'icyo bakora, buri wese yarebaga undi ashobewe. Barabazanyaga bati: "Ni iki cyakorwa?" Ingingo zikomeye zireba abatuye isi zari zigeze aharindimuka. "Mbese abayobozi bakuru b'Ubugorozi bajyaga gucisha make maze bakemera iryo teka? Mbega uburyo, muri ako kaga kari gakomeye mu by'ukuri, byari byoroheye abagorozi kuba bakwishora mu nzira idatunganye! Mbega uburyo bari kuba bafite inzitwazo nyinshi zumvikana n'impamvu zigaragara zibatera guca bugufi bakemera! Ibikomangoma byari byarayobotse inyigisho za Luteri byahawe umudendezo wo kugendera mu myizerere yabo. Ubwo burenganzira kandi bwahawe n'abandi bose bari barayobotse imyizerere ivuguruwe mbere y'uko iryo tegeko ritangwa. None se ibyo ntibyari kubanezeza? Ni akaga kangana gate kajyaga kwirindwa kubwo gucisha make! Ni izihe ngorane n'urugamba batari bazi kunyuranya n'iryo tegeko byajyaga kubakururira! Ni nde uzi ibyiza ahazaza hashoboraga kuzazana? Mureke twemere amahoro, dusingire ishami ry'umwelayo Roma ituramburiye maze dupfuke ibikomere Ubudage bufite. Ingingo nk'izo zose nizo abagorozi bagombaga kuba barashingiyeho bashimangira inzira biyemeje yajyaga kurangirira mu gusenyuka k'umurimo wabo nyuma y'igihe gito.

"Kubwo amahirwe bagenzuye ihame ubwo buryo bwo kumvikana bwari bushingiyeho, maze bakora mu kwizera. Iryo hame ryari irihe? – Ryari uburenganzira buhawe Roma bwo guhata abantu no kubabuza kubaza ibyo bashaka. Mbese ibyo bikomangoma n'abo bitegeka bayobotse Ubuporotesitanti ntibari gushimishwa n'umudendezo mu by'iyobokamana? –Yego, ariko babyemerewe ari imbabazi zidasanzwe bagiriwe mu buryo bw'ubwumvikane, ariko ntibwari uburenganzira bahawe. Ku bantu bose ubwo bwumvikane butaheshaga uburenganzira, rya hame rikomeye ryashyizweho n'ubuyobozi ryagombaga kubagenga, nta gukurikiza umutimanama, Roma ni yo yari umucamanza utibeshya kandi yagombaga kubahwa. Kwemera icyo gitekerezo, byari ukwemera ko

189 - Ibid., b.13, ch.5.
190 - Ibid., b.13, ch.5.
191 -Ibid., b.13, ch.5.

umudendezo mu by'idini wemewe muri Saxony yayobotse ubugorozi, naho ahandi hose harangwaga Ubukristo, umudendezo wo kubaza icyo umuntu ashaka ndetse no kwemera iby'ukwizera kuvuguruwe byari ibyaha bihanishwa gushyirwa muri gereza no gutwikwa. Mbese bari kwemera ko umudendezo mu by'idini wagira akarere ugarukiramo utarenga? Mbese bari kwemera ko bitangazwa ko ubugorozi butazongera kugira undi muntu ubuyoboka kandi ko nta handi bugomba gutangizwa, kandi ko ahantu hose ubupapa buganje bugomba guhoraho iteka? Mbese Abagorozi bashoboraga kwihandagaza bakavuga ko batazabarwaho amaraso y'abantu ibihumbi byinshi bo mu bihugu byagengwaga na Papa, bari guhara ubuzima bwabo mu ishyirwa mu bikorwa rya rya tegeko? Ibi byari kuba ari ukugambanira umurimo w'Ubutumwa bwiza ndetse n'umudendezo w'ubukristo muri icyo gihe gikomeye."-Wylie, b.9, ch.15. Ahubwo bari kwemera "guhara byose, ndetse n'ibihugu byabo, amakamba yabo ndetse n'ubuzima bwabo."[192]

Ibikomangoma byaravuze biti: "Nimutyo twange iri teka. Mu byerekeye gukurikiza umutimanama, abenshi nta bushobozi bafite." Intumwa zihagarariye abandi zaravuze ziti: "Iteka ryaciwe mu 1526 ni ryo dukesha amahoro ubwami bwacu bufite: kurikuraho rero byakuzuza Ubudage ibyago n'amacakubiri. Ntabwo inama y'abategetsi bakuru ifite ubushobozi bwo kugira ikindi ikora uretse kurinda umudendezo mu by'idini kugeza igihe Inama nkuru izateranira."[193]

Kurinda icyahungabanya umudendezo wo gukurikiza umutimanama ni inshingano y'igihugu, ariko ubushobozi bwa Leta ntiburenga urubibi ngo bwivange mu byerekeye imyizerere. Ubutegetsi bwa Leta bwose bwo ku isi bugerageza kugenga cyangwa gushimangira ibigomba kubahirizwa mu myizerere bukoresheje ubushobozi bw'ubutegetsi buba burenga ku ihame Abakristo bemera inkuru nziza baharaniye mu buryo bukomeye.

Abayoboke ba Papa biyemeje gusenya burundu icyo bitaga "kwinangira wihandagaje." Batangiriye mu guteza amacakubiri mu bari bashyigikiye Ubugorozi ndetse no gutera ubwoba abantu bose batari barashyize ku mugaragaro ko babushyigikiye. Amaherezo abahagarariye imijyi yigengaga bahamagariwe kujya imbere y'inama y'abategetsi bakuru maze babasaba kuvuga niba bazubahiriza icyemezo cyafashwe. Basabye ko baba bahawe umwanya wo kubitekerezaho nyamara biba iby'ubusa. Igihe bazanwaga ngo bagaragaze icyemezo cyabo, hafi kimwe cya kabiri cyabo cyagiye ku ruhande rw'Abagorozi. Abataremeye guhara umudendezo wabo wo gukurikiza umutimanama wabo ndetse n'uburenganzira bwo kwitekerereza bari bazi ko icyemezo bafashe kibateje kuzajya banengwa, bagacirwaho iteka ndetse bagatotezwa. Umwe muri izo ntumwa yaravuze ati: "Tugomba kwihakana ijambo ry'Imana, bitaba ibyo ni tugatwikwa."[194]

Umwami Feridinandi wari uhagarariye Umwami w'abami muri iyo nama, yabonye ko iryo teka rizateza amacakubiri akomeye niba batabashije kwemeza ibikomangoma kuryemera no kurishyigikira. Bityo, yagerageje kubahendahenda azi neza ko gukoresha imbaraga ku bantu nk'abo ahubwo byabatera kurushaho

192 -D'Aubigné, b.13, ch.5.
193 -Ibid., b.13, ch.5.
194 - Ibid., b.13, ch.5.

kumaramaza. Yasabye ibyo bikomangoma kwemera iryo teka, abizeza ko kuryemera bizatuma Umwami w'abami abishimira cyane." Ariko abo bantu b'indahemuka bari bazi ubutegetsi bukomeye buruta ubw'abategetsi bo ku isi, maze bituma basubiza batuje bati: "Tuzubaha umwami w'abami mu bintu byose bishobora kugira uruhare mu gutuma amahoro aganza ndetse n'icyubahiro cy'Imana."[195]

Mu maso y'abagize Inama, amaherezo umwami yabwiye intumwa nkuru y'i Saxony n'incuti ze ko iryo teka "rigiye kwandikwa nk'iteka ry'umwami w'abami," kandi ko "inzira imwe rukumbi basigaranye ari ukwemera ibyo abenshi bemeje." Amaze kuvuga atyo asohoka mu nama adahaye Abagorozi amahirwe na make ngo bafate umwanzuro cyangwa bagire icyo basubiza. "Byababaye iby'ubusa kumwoherereza abamwingingira kugira ngo agaruke." Kubyo bamubwiye yabashubije nta kindi yongeyeho ati: "Ibyo ni ikintu cyarangiye, igisigaye gusa ni ukumvira ibisabwa."[196]

Abari ku ruhande rw'umwami bari bazi neza ko ibikomangoma byayobotse ubukristo byemeye ko Ibyanditswe Byera biruta inyigisho z'abantu n'ibyo basaba; kandi bari bazi ko ahantu hose iryo hame ryemewe, ubutegetsi bwa Papa buzahirikwa nta kabuza. Ariko nk'uko byagendekeye abantu benshi kuva kera, bitaga "ku bigaragara gusa," bishimaga bishuka ko uruhande rw'umwami w'abami na Papa rufite imbaraga, kandi ko uruhande rw'abagorozi nta mbaraga rufite. Iyo abagorozi baza kuba bari bishingikirije ku bufasha bw'abantu gusa, baba bataragize imbaraga nk'uko abambari ba Papa bibwiraga. Nyamara nubwo abagorozi bari bake mu mubare ugereranyije n'abo ku ruhande rwa Roma, bari bafite imbaraga zabo. Ibitekerezo byabo babikuye ku cyemezo cyafashwe n'inama nkuru babyerekeza ku Ijambo ry'Imana, banabikura ku mwami w'abami Charles babyerekeza kuri Yesu Kristo, Umwami w'abami n'Umutware utwara abatware.[197]

Kubera ko Feridinandi atemeye kwita kuri ibyo bemezwa n'umutimanama wabo, ibikomangoma byiyemeje kugira icyo bikora adahari ahubwo batazuyaje bahita bazanira inama nkuru y'igihugu inyandiko igaragaza guhakana kwabo. Inyandiko ikomeye cyane yahise ishyikirizwa Inama y'abategetsi bakuru:

"Imbere y'Imana, Umuremyi wacu wenyine, Umurinzi, Umucunguzi n'Umukiza uzaducira urubanza umunsi umwe, ndetse n'imbere y'abantu bose n'ibiremwa byose, dukoresheje iyi nyandiko, mu buryo ubwo ari bwo bwose, mu bintu ibyo ari byo byose binyuranyije n'Imana, n'Ijambo ryayo ryera, n'umutimanama wacu ndetse no ku gakiza k'ubugingo bwacu, duhakanye ko tutazemera cyangwa ngo tuyoboke iteka ryashyizweho."

"Twavuga iki! Turamutse twemeye iri teka, twaba duhamije ko iyo Imana Ishoborabyose ihamagariye umuntu kuyimenya, uwo muntu ntabwo yashobora kwakira kumenya Imana!" "Nta nyigisho yakwitwa iy'ukuri mu gihe inyuranya n'Ijambo ry'Imana. Imana ibuzanya inyigisho y'ubundi bwoko ubwo ari bwo bwose. Umurongo wose wo mu Byanditswe Byera ugomba gusobanuzwa undi usobanutse neza kurutaho. Mu bintu byose bya ngombwa ku Mukristo, iki Gitabo

195 -Ibid., b.13, ch.5.

196 -Ibid.,b.13, ch.5.

197 -Ibid., b.13, ch.6

Cyera (Bibiliya) cyoroshye gusobanukirwa, kandi kibereyeho kwirukana umwijima. Nuko rero kubw'ubuntu bw'Imana, twiyemeje gukomera ku bibwirizwa byonyine bitunganye by'Ijambo ryayo nk'uko byanditswe mu Isezerano rya Kera no mu Isezerano Rishya, tutagize icyo twongeraho gihabanye naryo. Iri jambo niryo kuri ryonyine; ni ryo shingiro nyakuri ry'inyigisho zose n'ubuzima bwose, kandi ntirishobora gutsindwa gato cyangwa kutubeshya. Umuntu wubaka kuri uru rufatiro azabasha gutsinda imbaraga zose z'ikuzimu, mu gihe ibyo umuntu yirata byose bihagurukirijwe kurirwanya bizatsindirwa imbere y'Imana." "Kubera iyo mpamvu, ntidushobora kwemera kwikorera umutwaro baduhatira kwikorera." "Na none kandi, twiringiye ko nyakubahwa umwami w'abami azatwitwaraho nk'Umukristo ukunda Imana kuruta ibintu byose, kandi duhamije ko, yaba we ubwe kandi namwe mwese, twiteguye kumukunda kandi tukamwubaha kuko ari inshingano yacu nyakuri kandi dusabwa n'amategeko."[198]

Abari bagize iyo nama barakangaranye. Abenshi muri bo baratangaye kandi batinyishwa n'ubushizi bw'amanga bw'abo bahakanaga iryo tegeko. Ahazaza habagaragariraga ko hari akaga kandi ko nta cyizere habaha. Amacakubiri, intambara ku kumeneka kw'amaraso byasaga n'ibitazabura kubaho. Nyamara kubera ko abagorozi bari biringiye ko inzira bafashe itunganye kandi no kuba bari bishingikirije ku maboko y'Ishoborabyose, bari "buzuye ubutwari no gushikama."

"Amahame yari akubiye muri iyo mvugo ikomeye yo guhakana ni yo pfundo ry'Ubuporotesitanti. Uko guhakana kwarwanyije uburyo bubiri bwo gutesha umuntu agaciro mu byerekeye kwizera: uburyo bwa mbere ni ukuvogera abacamanza ba leta, naho ubwa kabiri bukaba ubutware itorero ryihaye. Mu mwanya w'uko gutesha agaciro mu buryo bubiri, Ubuporotesitanti bushyira imbaraga yo gukurikiza umutimanama hejuru y'umucamanza kandi ubutware bw'Ijambo ry'Imana bukaruta itorero rigaragara. Ku ikubitiro, Ubuporotesitanti ntibwemera ubushobozi bwa Leta mu bijyanye n'ibya Mwuka kandi bukavuga kimwe n'abahanuzi n'intumwa buti: "Tugomba kubaha Imana aho kubaha abantu." Imbere y'ikamba ry'ubwami rya Charles wa V, ubuporotesitanti bwerereza ikamba rya Yesu Kristo. Ariko buragenda bukagera kure kuko bucisha bugufi ihame rivuga ko inyigisho zose za muntu zikwiriye gusimbura ibitangaza Imana yandikishije."[199] Ikindi kandi, abahakanaga iryo teka bari barahamije uburenganzira bwabo bwo kuvuga bafite umudendezo ko bemera ukuri. Ntabwo bagombaga kwizera no kumvira gusa, ahubwo bagombaga no kwigisha ibyo Ijambo ry'Imana rivuga, ndetse bahakanye uburenganzira bw'umupadiri cyangwa umucamanza bwo kubyivangamo. Uko kwivumbura kwabereye i Spires kwari igihamya gikomeye cyo kurwanya kudaha abandi uburenganzira mu by'idini ndetse kwabaye no kwemeza uburenganzira abantu bose bafite bwo kuramya Imana bakurikije uko umutimanama wabo ubayobora.

Ubuhamya bwabo bwari bwamaze gutangwa. Bwanditswe mu ntekerezo z'abantu ibihumbi byinshi kandi binandikwa mu bitabo byo mu ijuru aho nta muntu ufite ubushobozi bwo kubusiba. Ubudage bwose bwari bwaremeye ubutumwa bwiza bwemeye ubwo buhakanyi nk'uburyo bwo kugaragaza ukwizera kwabwo.

198 -Ibid.,b.13, ch.6.

199 - Ibid.,b.13, ch.6.

Ahantu hose abantu babonaga ubwo buhamya nk'isezerano ry'uko hagiye kubaho igihe cyiza kuruta ibyo bigeze bagira. Umwe mu bikomangoma yabwiye abo Baporotesitanti b'i Spire ati: "Ndabasabira Imana Ishoborabyose yabagiriye ubuntu kugira ngo mwature mufite imbaraga, mu mudendezo, nta gutinya ngo ibakomereze muri uko gushikama kwa Gikristo kugeza ku munsi w'imperuka."[200]

Iyo nyuma yo kugera ku rwego rw'insinzi, Ubugorozi bugeraho bukaranzika kugira ngo ab'isi babukunde, bwari kuba butatiye ubudahemuka ku Mana ndetse no kuri bwo ubwabwo bityo bukaba bwizaniye gusenyuka nta kabuza. Ibyabaye kuri abo bagorozi b'indahemuka birimo icyigisho kubo mubihe byose bizakurikiraho. Uburyo Satani akoresha arwanya Imana n'Ijambo ryayo ntibwigeze buhinduka. Kugeza n'uyu munsi aracyarwanya ko Ibyanditswe Byera byaba umuyobozi w'abantu nk'uko yabigenje mu kinyajana cya cumi na gatandatu. Muri iyi minsi yacu, hariho gutandukira gukabije abantu bava mu mahame n'amabwiriza yabo, bityo hari ubukene bwo kugaruka ku ihame ry'ingenzi Ubuporotesitanti bwari bushingiyeho ari ryo ryavugaga ko Bibiliya yonyine ari yo muyobozi wo kwizera n'ibyo umuntu agomba gukora. Satani aracyakoresha uburyo bwose afite kugira ngo abashe gukuraho umudendezo mu by'idini. Imbaraga irwanya Kristo Abaporotesitanti b'i Spires barwanyije, muri iki gihe irakorana imbaraga nshya ishaka kongera gushinga ubutware bwayo. Kudakebakeba ku Ijambo ry'Imana kwagaragaye muri cya gihe kibi Ubugorozi bwari burimo, nibyo byiringiro rukumbi by'ubugorozi muri iki gihe.

Ahagaragaraga ibimenyetso by'akaga gashobora kugera ku Baporotestanti, hanabonekaga ibindi bimenyetso bibereka ko ukuboko kw'Uwiteka kuramburiye kurinda indahemuka. Icyo gihe nibwo "Melanchthon yashoreye bwangu incuto ye yitwaga Simoni Grynaeus amunyuza mu tuyira tw'i Spires, amushushubikanya ngo yambuke uruzi rwa Rhine atazuyaje. Grynaeus yatangajwe n'uko gushushubikanywa. Melanchthon yaramushubije ati: 'Umusaza ufite ishusho idasanzwe w'umunyacyubahiro kandi ntashoboye kumenya uwo ari we yahagaze imbere yanjye maze arambwira ati: 'Mu kanya gato Feridinandi arohereza abasirikare bo gufata Grynaeus.'"

Muri uwo munsi uwitwa Faber wari umudogiteri w'umuyobozi mu butegetsi bwa Papa yari yandagaje Grynaeus mu kibwirizwa; kandi ubwo cyari kirangiye yari yagiye iwe amusaba kutazongera gushyigikira icyo yitaga "ibinyoma byangwa urunuka." "Faber yahishe uburakari bwe , ariko ahita ajya kureba umwami wari wamuhaye uburenganzira bwo kurwanya umwigisha w'ahitwaga Heidelberg. Ntabwo Melancthon yashidikanyije ko Imana yakijije incuti ikoresheje kohereza umwe mu bamarayika bayo bera kugira ngo amuburire.

"Melanchthon yahagaze ku nkombe y'uruzi rwa Rhine, maze arategereza kugeza igihe Grynaeus amariye kwambuka agacika abamuhigaga. Ubwo Melanchthon yabonaga igeze ku nkombe yo hakurya, yaranezerewe aravuga ati: "Amaherezo acitse imikaka y'ubugome y'abari bafite inyota yo kuvusha amaraso y'umuziranenge.' Ubwo yagarukaga ku icumbi rye, Melanchthon yabwiwe ko abasirikare bashakaga Grynaeus basatse inzu ye kuva hasi kugera mu gisenge."[201]

---

201 - Ibid.,b.13, ch.6.

200 -Ibid.,b.13, ch.6.

Ubugorozi bwagombaga kurushaho gukurura intekerezo z'abakomeye bo ku isi. Umwami Feridinandi yari yaranze gutega amatwi bya bikomangoma byari byarayobotse ubutumwa bwiza ngo byiregure, ariko bagombaga guhabwa amahirwe yo kuvuga ibyo kwizera kwari imbere y'umwami w'abami ndetse n'imbere y'inteko y'abakomeye mu nzego z'itorero na Leta. Kugira ngo ahoshe amacakubiri yari ateje umuvurungano mu bwami bwe, mu mwaka wakurikiye kwa Guhakana kwabereye i Spires, Charles wa V (Karoli wa 5) yatumije inama y'abategetsi bakuru i Augsburg kandi avuga ko ari we ubwe uzayiyoborera. Abayobozi b'Ubuporotesitanti nabo bahamagawe muri iyo nama.

Akaga gakomeye kari kugarije Ubugorozi; ariko abari babushyigikiye bashyize uwo murimo wabo mu maboko y'Imana, kandi nabo ubwabo barahirira ko bazashikama ku butumwa bwiza. Abajyanama b'umwepisikopi w'i Saxony bamusabye ko atagomba kujya mu nama y'abategetsi bakuru b'igihugu. Baramubwiye ko umwami w'abami yasabye ko ibikomangoma biza muri iyo nama kugira ngo abagushe mu mutego. Baravugaga bati: "Mbese ntibyaba ari ukwigerezaho kujya kwifungirana mu nkuta z'umujyi urimo umwanzi ukomeye?" Ariko abandi bo bavuganaga icyizere bati: "Nimutyo ibikomangoma byonyine bigendane ubutwari, bityo umurimo w'Imana ntuzahungabana." Luteri we yaravuze ati: "Imana ni indahemuka, ntabwo izadutererana."[202] Umwepisikopi ahagurukana n'ibyegera bye bajya i Augsburg. Bose bari bazi akaga uwo mwepesikopi arimo bityo benshi bagenda bababaye kandi bahagaritse umutima. Ariko Luteri wabaherekeje akabageza i Coburg, yasubizaga intege kwizera kwabo kwari guhungabanye akoresheje kubaririmbira indirimbo isingiza Imana yahimbiye muri urwo rugendo agira ati: "Imana yacu ni Yo munara ukomeye." Mu kumva amajwi y'iyo ndirimbo, ibyinshi mu byabaga bibahangayikishije byavagaho, kandi benshi mu babaga bahagaritse umutima bagatuza.

Ibikomangoma byayobotse ubugorozi byari byiyemeje gutegura inyandiko igaragaza mu buryo buteguye neza ingingo zishyigikiye kwizera kwabo, bagashyiramo n'ibihamya bivuye mu Byanditswe Byera kugira ngo bazayisomere imbere y'inama nkuru. Umurimo wo gutegura iyo nyandiko washinzwe Luteri na Melanchthon ndetse n'ababungirije. Iyo nyandiko yemewe n'Abaporotesitanti ko ari inyandiko isobanura ibyo kwizera kwabo maze bateranira hamwe kugira ngo bashyire amazina yabo kuri iyo nyandiko y'ingenzi. Icyo cyari igihe gikomeye kandi kiruhije. Abagorozi bifuzaga ko umurimo wabo utakwitiranywa n'ibibazo bya politike. Bumvaga ko Ubugorozi budakwiriye kugira ikindi buhindura mu bantu kidakomotse mu Ijambo ry'Imana. Ubwo ibikomangoma byayobotse Ubukristo byari bigiye gushyira umukono kuri iyo nyandiko y'Ubuhamya, Melanchthon yabyitambitsemo aravuga ati: "Ibi bireba abize iby'iyobokamana, n'abavugabutumwa. Naho ibindi bibazo tugomba kubiharira abafite ubushobozi bo ku isi." Yohana w'i Saxony [wari igikomangoma] yaramusubije ati: "Ibyo biragatsindwa ko wampeza! Niyemeje gukora ibyo mbona ko bitunganye ntitaye ku ikamba ryanjye. Ndifuza guhamya Umukiza. Ingofero yanjye impesha uburenganzira bwo gutora umwami w'abami n'ikanzu by'ubwepisikopi ntibindutira

---

202 -Ibid., b.14, ch.2.

umusaraba wa Yesu Kristo." Amaze kuvuga atyo aratambuka yandika izina rye [kuri ya nyandiko]. Ubwo undi wo mu bikomangoma yafataga ikaramu yaravuze ati: "Niba icyubahiro cy'Umwami wanjye Yesu Kristo kibinsaba, niteguye gusiga ibyanjye no gutanga ubuzima bwanjye." "Nahitamo kureka abo nyobora n'intara ntegeka, nahitamo gusiga igihugu cya ba data nkagenda nitwaje ikibando mu ntoke. . . aho kwemera andi mahame uretse ayanditswe muri iyi Nyandiko."[203] Uko ni ko kwizera n'ubutwari by'abo bantu b'Imana byari bimeze.

Igihe cyo kwitaba imbere y'umwami w'abami cyarageze. Umwami w'abami Charles wa V, yicaye ku ntebe ye ya cyami, azengurutswe n'ibyegera bye n'ibikomangoma maze aha umwanya Abagorozi b'AbaporotesItanti ngo bavuge. Ya nyandiko yatura ibyo kwizera kwabo yarasomwe. Muri iyo mbaga y'abantu, havugiwe ukuri k'ubutumwa bwiza mu buryo bwumvikana neza, ndetse n'amakosa y'itorero riyobowe na Papa ashyirwa ahagaragara. Uwo munsi wahawe izina riwukwiriye ngo, " umunsi ukomeye kuruta iyindi w'Ubugorozi, kandi ukaba umwe mu minsi myiza yabayeho mu mateka y'Ubukrisito ndetse n'ay'inyokomuntu."[204]

Nyamara hari hashize imyaka mike Umupadiri w'i Wittenberg ahagaze wenyine imbere y'inama nkuru y'igihugu yabereye i Worms. Noneho ubu bwo mu mwanya we hari hahagaze ibikomangoma bikomeye muri ubwo bwami. Luteri yari yarabujijwe kugera i Augsburg, ariko yari ahari ku bwo amagambo n'amasengesho bye. Yaranditse ati: "Mfite ibyishimo byinshi bitewe n'uko nkiriho kugeza iyi saha, mu gihe Kristo yererezwa mu ruhame n'abanyacyubahiro bahamya kwizera kwabo mu nteko nk'iriya y'abantu bakomeye."[205] Uko ni ko ibyo Ibyanditswe bivuga byasohoye ngo: "Nzavugira imbere y'abami ibyo wahamije, ..."[206]

Mu gihe cya Pawulo, ubutumwa bwiza bwatumye ashyirwa muri gereza, nabwo bwavugiwe imbere y'ibikomangoma n'abakomeye b'ibwami mu buryo busa n'ubu. Na none muri iyo nama, ibyo umwami w'abami yari yarabuzanyije ko byigishirizwa ku ruhimbi (aritari), byigishirijwe mu ngoro y'umwami. Inyigisho abantu benshi bafataga ko n'abagaragu badakwiriye kuzitega amatwi, zumviswe n'abatware n'ibyegera by'ubwami bazitangarira. Abami n'abakomeye nibo bari bateze amatwi kandi ibikomangoma byambaye amakamba ku mitwe, nibo bari ababwiriza kandi ikibwirizwa cyari ukuri guhebuje kw'Imana. Umwanditsi umwe yaravuze ati: "Kuva igihe cy'intumwa, ntihigeze habaho umurimo w'ingenzi cyangwa ubuhamya butangaje nk'ubwo."[207]

Umwepisikopi wo ku ruhande rwa Papa yaravuze ati: "Ibyo abayoboke ba Luteri bavuze byose ni ukuri, ntidushobora kubihakana!" Undi yabajije dogiteri Eck ati: "Mbese washobora gukoresha ingingo zumvikana ugahinyuza iriya nyandiko ivuga ibyo kwizera kwabo yakozwe n'igikomangoma n'abo bafatanyije?" Igisubizo cyabaye iki ngo: "Ntibyashoboka nkoresheje inyandiko z'intumwa n'abahanuzi, ariko nifashishije inyandiko z'Abapadiri n'iz'inama nabishobora!" Uwari amubajije icyo kibazo yaravuze ati: "Ndabyumva neza, nkurikije ibyo uvuze, abo ku ruhande

203 -Ibid. b.14, ch.6.
204 -Ibid., b.14, ch.7.
205 -Ibid.,b.14, ch.7.
206 Zaburi 119:46
207 -D'Aubigné, b.14, ch.7.

rwa Luteri bakurikiza Ibyanditswe, naho twe turi hanze yabyo."[208]

Bamwe mu bikomangoma byo mu Budage bayobotse ukwizera kuvuguruwe. Umwami w'abami ubwe nawe yavuze ko ingingo ubuporotesitanti bushingiyeho ari iz'ukuri. Iyo nyandiko ihamya ibyo bizera yasobanuwe mu ndimi nyinshi kandi ikwirakwizwa mu Burayi bwose, maze yemerwa na miliyoni nyinshi z'abantu bo mu bisekeru byakurikiyeho ko ari uburyo bugaragaza ukwizera kwabo.

Ntabwo abagaragu b'Imana b'indahemuka bakoraga bari bonyine. Ubwo abatware n'abafite ubushobozi n'imyuka mibi y'ahantu ho mu ijuru yari ifatanyirije hamwe kubarwanya, Umwami Imana ntiyigeze ihana abantu bayo. Iyaba amaso yabo yarabashije guhweza, baba barabonye igihamya kigaragaza ko Imana iri kumwe nabo kandi ibafasha nk'uko yabibwiye umuhanuzi wa kera. Igihe umugaragu w'umuhanuzi Elisa yerekaga shebuja ingabo zikaze zari zibazengurutse kandi zabagose ku buryo ntaho banyura ngo bacike, Elisha yarasenze agira ati: "Uwiteka ndakwinginze, muhumura amaso, arebe."[209] Arebye, abona umusozi wuzuye amafarashi n'amagare y'umuriro, ingabo zo mu ijuru zari zihagaze aho zo kurinda umuntu w'Imana. Uko niko abamarayika barindaga abakozi b'Imana mu murimo w'Ubugorozi.

Rimwe mu mahame Luteri yari ashikamyeho cyane ni iryavugaga ko mu gushyigikira ubugorozi hadakwiye kubaho kwitabaza ubushobozi bw'ab'isi kandi ko mu kuburengera nta kwifashisha intwaro kugomba kubaho. Yashimishijwe no kubona ubutumwa bwiza bwakirwa n'ibikomangoma by'i bwami; ariko igihe batekerezaga gukora ishyirahamwe ryo kwirengera, Luteri yavuze ko "inyigisho z'ubutumwa bwiza zikwiriye kurwanirirwa n'Imana yonyine." Uko abantu barushaho kureka kwitambika mu murimo, ni ko ubutabazi bw'Imana burushaho kwigaragaza ngo iwurengere. Uko Luteri yabibonaga, ingamba zose zo mu rwego rwa politiki zatekerezwaga zari zishingiye ku bwoba budafite ishingiro ndetse no kutizera."[210]

Igihe abanzi bakomeye bashyiraga hamwe kugira ngo basenye ukwizera kuvuguruye, kandi inkota ibihumbi byinshi zikaba zarasaga n'izikubanguriwe, Luteri yaranditse ati: "Satani ari kwenyegeza uburakari bwe, abayobozi b'itorero batubaha Imana bari mu bugambanyi; kubw'ibyo twugarijwe n'intambara. Nimwingingire abantu kurwanisha kwizera no gusenga bafite umwete imbere y'intebe ya cyami y'Imana, kugira ngo abanzi bacu nibamara gutsindwa na Mwuka w'Imana, babone ko nta kindi bakora uretse gutanga amahoro. Icyo dukeneye kuruta ibindi, ari nawo murimo w'ingenzi dufite, ni ugusenga. Reka abantu bamenye ko bageramiwe n'ubugi bw'inkota ndetse n'uburakari bwa Satani. Nibasenge rero."[211]

Nyuma y'aho, ubwo Luteri yongeraga kuvuga ku by'ishyirahamwe ryatekerejwe n'ibikomangoma byayobotse ubugorozi, yavuze ko intwaro yonyine ikwiriye gukoreshwa muri urwo rugamba ari "inkota y'Umwuka." Yandikiye igikomangoma cy'i Saxony agira ati: " Kubw'umutimanama wacu, ntidushobora kwemera iryo shyirahamwe ryatekerejwe. Twahitamo gupfa incuro cumi aho kubona ubutumwa bwiza butuma hari igitonyanga na kimwe cy'amaraso kimenwa! Uruhare rwacu

208 -Ibid., b.14, ch.8.
209 2 Abami 6 :17
210 -D'Aubigné, London ed., b.10, ch.14.
211 -D'Aubigné, b.10, ch.14.

ni urwo kuba nk'intama zijyanwe mu ibagiro. Umusaraba wa Kristo ugomba kwikorerwa. Nyakubahwa, humura, ntugire ubwoba. Kubw'amasengesho yacu, tuzakora ibiruta ibyo abanzi bacu bazakora kubw'ubwirasi bwabo. Mwe gusa ntimugatume amaboko yanyu yanduzwa n'amaraso y'abavandimwe banyu. Umwami w'abami naramuka ategetse ko badushyikiriza inkiko ze, twiteguye kwitaba. Ntabwo ushobora kurengera kwizera kwacu: buri muntu wese akwiriye kwizera azi ko ku giti cye azirengera ingaruka byamuzanira."[212]

Amasengesho yo mu rwiherero yavagamo imbaraga yanyeganyeje isi mu gihe cy'Ubugorozi bukomeye. Aho mu rwiherero, niho abagaragu b'Imana bashingiraga ibirenge byabo mu masezerano yayo biturije. Mu gihe cy'amakimbirane yaberaga i Augsburg, ntabwo Luteri yamaraga umunsi adafashe nibura amasaha atatu asenga, kandi agatoranya ayo masaha mu masaha y'igihe cyiza cyo kwiga." Ubwo yabaga yiherereye mu cyumba cye, abantu bumvaga asuka imbere y'Imana ibiri mu mutima we mu magambo yo "kuramya, kubaha ndetse n'ibyiringiro nk'igihe umuntu avugana n'incuti ye." Yaravugaga ati: "Nzi neza ko uri Umubyeyi wacu n'Imana yacu, kandi ko utazabura gutatanya abatoteza abana bawe; kubera ko Wowe ubwawe uri kumwe natwe muri aka kaga. Uyu murimo ni uwawe, kandi ni wowe watwemeje kuwukora. Kubw'ibyo rero, Data turengere!"[213]

Yandikiye Melanchthon wari uremerewe cyane n'umutwaro w'agahinda n'ubwoba ati: "Ubuntu n'amahoro muri Kristo bibane nawe. – Ngize nti, "muri Kristo" ntabwo ari mu b'isi. Amina! Nanga rwose urunuka ibyo biguhangayikishije cyane bikaguherana. Niba inzira wayobotse atari iy'ukuri, yireke; ariko niba ari ukuri, kuki twagaragaza amasezerano y'Udutegeka kuryama tugasinzira nta bwoba ko atari ay'ukuri? . . . Ntabwo Kristo azigera abura kuboneka mu murimo w'ubutungane n'ukuri. Kristo ni muzima, ari ku ngoma, none ni iki cyadutera ubwoba?"[214]

Imana yumvise gutaka kw'abagaragu bayo. Yahaye ibikomangoma n'ababwirizabutumwa ubuntu n'ubutwari byo gushyigikira ukuri kukarwana n'abatware b'umwijima bo muri iyi si. Umukiza aravuga ati: " Dore ndashyira muri Siyoni ibuye rikomeza imfuruka, ryatoranyijwe, kandi ry'igiciro cyinshi, kandi uryizera ntazakorwa n'isoni." 1Petero 2:6. Abagorozi b'Abaporotesitanti bari bubatse kuri Kristo, bityo amarembo y'ikuzimu ntiyashoboraga kubatsinda.

---

212 - Ibid.,b.14, ch.1.
213 - Ibid.,b.14, ch.6.
214 -Ibid.,b.14, ch.6.

IGICE CYA 12

UBUGOROZI MU BUFARANSA

Ubuhakanyi bwabereye i Spires no kwatura kwizera kwabereye i Augsburg maze bikagaragaza insinzi y'Ubugorozi mu Budage, byaje gukurikirwa n'imyaka y'intambara n'umwijima. Ubuporotesitanti bwasaga n'ubugiye gusenyuka burundu kubera ko bwari bwaciwe intege n'amacakubiri yabaga mu babushyigikiye, kandi n'abanzi bakomeye bari babwugarije. Abantu ibihumbi byinshi bashyirishije amaraso yabo ikimenyetso ku buhamya batangaga. Intambara yadutse mu baturage; umurimo w'Ubuporotesitanti wagambaniwe n'umwe mu bakomeye bari barawinjiyemo; abakomeye bo mu bikomangoma byari byarayobotse Ubugorozi bashyikirijwe umwami w'abami kandi bagakurubanwa nk'imbohe bavanwa mu mujyi bajyanwa mu wundi. Ariko muri icyo gihe cyasaga n'insinzi ku mwami w'abami, yaje gutsindwa. Yabonye umuhigo yibwiraga ko afite umucika, maze amaherezo biba ngombwa ko inyigisho mu buzima bwe yari yariyemeje kuzarimbura azireka zigasagamba. Yari yarashyize mu kaga ubwami bwe, umutungo we ndetse n'ubuzima ubwabwo agendereye kurimbura icyo bitaga ubuyobe. Noneho yabonye ko ingabo zishiriye ku rugamba, umutungo we ukendera, umuvurungano wugarije intara nyinshi mu bwami bwe, mu gihe ukwizera yari ashishikariye kurwanya kwarushagaho gukwira ahantu hose. Charles wa V yarwanyaga imbaraga ishobora byose. Imana yari yaravuze iti: " Umucyo ubeho;" ariko umwami w'abami we yashakaga ko umwijima ugumaho. Imigambi ye yari yarapfubye; maze ubwo yari asaziye imburagihe, atentebuwe n'intambara yarwanye igihe kirekire, yeguye ku bwami maze ajya kwihisha mu kigo cy'abihaye Imana.

Mu gihugu cy'Ubusuwisi kimwe no mu Budage, Ubugorozi bwahuye n'ibihe bibi cyane. Mu gihe abo mu ntara nyinshi z'igihugu bemeraga ukwizera kuvuguruwe, abandi bo bihambiraga ku myizerere ya Roma mu buryo bw'ubuhumyi. Itoteza bakoreraga abifuzaga kwakira ukuri, amaherezo ryaje kubyara intambara mu baturage. Zwingli n'abantu benshi bari barifatanyije na we mu murimo w'ubugorozi baguye mu ntambara yabereye i Cappel. Oecolompadius, yaciwe intege n'ako kaga gateye ubwoba maze nyuma y'igihe gito arapfa. Ubutegetsi bwa Roma bwari bunesheje, bityo bwasaga n'ubugiye kwigarurira ibyo bwari bwaratakaje ahantu henshi. Nyamara, wa wundi nyiri imigambi y'iteka ryose ntiyari yatereranye umurimo we cyangwa abagaragu be. Ukuboko kwe kwagombaga kubarokora. Yari yarahagurukije abandi bakozi mu bindi bihugu kugira ngo bakomeze umurimo w'ubugorozi.

Mu Bufaransa, mbere y'uko bumva izina rya Luteri nk'Umugorozi, umuseke wari waramaze gutambika. Umwe mu babaye nyambere kwakira umucyo ni umugabo wari ukuze witwaga Lefevre, yari afite ubumenyi buhanitse, akaba yari umwarimu mukuru muri Kaminuza y'i Paris kandi akaba yari umuyoboke wa Papa w'umwizerwa, kandi w'umunyamwete. Igihe yakoraga ubushakashatsi ku bitabo bya kera, umutima we werekejwe kuri Bibiliya maze atangira kuyigisha abanyeshuri be.

Lefevre yari yaramaramaje mu kwambaza abatagatifu kandi yari yaratangiye gutegura kwandika amateka y'abatagatifu ndetse n'abahowe kwizera kwabo nk'uko yavugwaga ahererekanywa mu itorero. Uwo wari umurimo wasabaga gukora cyane; ariko igihe yatekerezaga ko ashobora kubona muri Bibiliya ibyamwunganira by'ingirakamaro, maze agatangira kuyisoma afite uwo mugambi, uwo murimo yari yaramaze kuwugeza kure. Bityo, Bibiliya yayibonyemo abatagatifu batandukanye n'abagaragara ku ndangaminsi y'itorero ry'i Roma. Umucyo mwinshi mvajuru wasakaye mu ntekerezo ze. Yaratangaye kandi yumva azinutswe, ahagarika wa murimo yari yarihaye maze ashishikarira kwiga Ijambo ry'Imana. Bidatinze, yatangiye kwigisha ukuri gufite agaciro kenshi yasanze muri Bibiliya.

Mu mwaka wa 1512, mbere y'uko Luteri na Zwingli batangira umurimo w'ubugorozi, Lefevre yaranditse ati: "Kubwo kwizera, Imana ni yo iduha ubutungane buduhesha ubugingo buhoraho kubw'ubuntu gusa."[215]
Ubwo yatindaga ku bwiru bwo gucungurwa, yaratangaye ati: "Mbega uko ingurane yatanzwe itarondoreka, Utarigeze acumura yaciriweho iteka, maze umunyabyaha ahabwa umudendezo, Utanga imigisha yemeye kuvumwa, maze ibivume bihabwa umugisha; Umutangabugingo yarapfuye, maze abapfuye babaho; Ufite ubwiza yatwikiriwe n'umwijima, maze utari uzi ikindi kitari igihunya mu maso yambikwa ubwiza."[216]

Ubwo yigishaga ko ikuzo ry'agakiza ari iry'Imana yonyine, yanavuze ko inshingano y'umuntu ari ukumvira ati : "Niba uri umwe mu bagize itorero rya Kristo, uri urugingo rw'umubiri wa Kristo; kandi niba uri urugingo rw'umubiri we, wuzuye ubumana. . .Iyaba abantu bose bashoboraga gusobanukirwa ayo mahirwe, mbega uburyo babaho batunganye, birinda kandi bazira inenge! Mbega uburyo babona ko ubwiza bwose bwo ku isi ari urukozasoni babugereranyije n'ubwo bifitemo, ubwo amaso y'umubiri adashobora kubona!"[217]

Hari bamwe mu banyeshuri ba Lefevre bategagа amatwi amagambo ye babishishikariye, kandi abo nibo bajyaga kuzakomeza kwamamaza ukuri nyuma y'uko ijwi ry'umwigisha wabo ricecekeshwa. Umwe muri bo ni William Farel. Yakomokaga ku babyeyi b'inyangamugayo bari baramwigishije kwemera inyigisho z'itorero akazizera bidasabye gusobanukirwa. Iyo abasha gutanga ubuhamya bwe, yashoboraga kuvuga nk'intumwa Pawulo ati : "Nari Umufarisayo wo mu gice cyarushaga ibindi byo mu idini yacu gukomeza imihango."[218] Farel yari umurwanashyaka w'itorero ry'i Roma, bityo yari afite umuhati mwinshi wo kurimbura abantu bose bashoboraga gutinyuka kuvuguruza itorero. Nyuma y'aho, ubwo yavugaga kuri icyo gihe cyo mu mibereho ye, yaravuze ati: "Iyo numvaga umuntu avuga kandi avuguruza Papa, nahekenyaga amenyo nk'idubu ryarakaye."[219]
Yari yarakoze adacogora asenga abatagatifu, akazenguruka mu matorero yose y'i

215 - Wylie, b.13, ch.1.
216 -D'Aubigné, London ed., b.12,ch. 2.
217 - Ibid.,b.12, ch.2.
218 Ibyakozwe 26 :5
219 -Wylie, b.13, ch.2.

Paris aherekeje Lefevre, agasengera imbere ya aritari kandi akarimbisha amashusho y'abatagatifu akoresheje impano yatangaga. Ariko ibyo yubahirizaga ntibyigeze bimuhesha amahoro mu mutima. Yari aremerewe no kumva ari umunyacyaha ku buryo ibikorwa byose byo kwicuza (guhabwa penitensiya) byananiwe kumukiza uwo mutima. Yumvise amagambo y'Umugorozi nk'aho ari ijwi rivuye mu ijuru riti : "Agakiza gatangirwa ubuntu." "Umuziranenge yaciriweho iteka maze umunyacyaha ahabwa umudendezo." "Umusaraba wa Kristo wonyine niwo ukingura amarembo y'ijuru kandi ni wo ukinga amarembo y'ikuzimu."[220]

Farel yakiranye ukuri ibyishimo. Kubwo guhinduka nk'ukwa Pawulo, Farel yavuye mu bubata bw'imigenzo ajya mu mudendezo w'abana b'Imana. Yaje guhindukira aravuga ati: "Ubwo yari amaze gukura umutima we kuri Papa maze akawegurira Yesu Kristo, ahari umutima w'ubwicanyi nk'uw'idubu yarakaye, hahise hasimburwa n'umutima w'ubugwaneza woroheje nk'uw'umwana w'intama."- D'Aubigné, b.12, ch.3.

Uko Lefevre yakomezaga gukwirakwiza umucyo mu banyeshuri yigishaga, Farel nawe wari ushishikariye gukora umurimo wa Kristo nk'uko yari yaritangiye gukorera Papa; ni ko yagendaga yamamaza ukuri mu ruhame. Nyuma y'aho gato bidatinze, umunyacyubahiro umwe wo mu itorero wari umwepisikopi w'i Meaux, nawe yaje kwifatanya nabo. Abandi barimu bo mu rwego rwo hejuru kubera ubushobozi bwabo n'ubwenge bwabo nabo binjiye mu murimo wo kwamamaza ubutumwa bwiza, maze haboneka abayoboke benshi baturutse mu nzego zose uhereye mu ngo z'abanyamyuga, rubanda rugufi kugeza mu ngoro y'umwami. Mushiki w'umwami Faransisiko wa I wari ku ngoma muri icyo gihe, nawe yemeye ukwizera kuvuguruwe. Hari igihe cyageze umwami ubwe ndetse n'umwamikazi bagaragaje ko bashyigikiye ubugorozi, ku buryo abagorozi bari bategerezanyije ibyiringiro bikomeye ko hari igihe kizagera igihugu cyose cy'Ubufaransa kikakira ubutumwa bwiza.

Nyamara ibyo bari biringiye ntibyashobotse. Akaga no gutotezwa byari bitegereje abigishwa ba Kristo. Icyakora kubw'imbabazi z'Imana, ibyo byahishwe amaso yabo. Habayeho agahe k'amahoro kugira ngo bashobore kugira imbaraga zo guhangana n'umugaru; maze Ubugorozi butera imbere mu buryo bwihuse. Umwepisikopi w'i Meaux yakoranaga umwete muri diyoseze ye akigisha abihaye Imana na rubanda rwose. Abapadiri b'abaswa n'ababaswe n'ibibi yabakuyeho maze bagahita basimbuzwa abantu b'abanyabwenge kandi b'inyangamugayo. Uwo mwepisikopi yifuzaga cyane ko abantu yayoboraga bakwisomera Ijambo ry'Imana, maze ibyo biza kugerwaho bidatinze. Lefevre yatangiye gusobanura Isezerano Rishya mu Gifaransa; kandi muri icyo gihe ubwo Bibiliya yasobanuwe na Luteri mu rurimi rw'Ikidage yasohokaga mu icapiro i Wittenberg nibwo Isezerano Rishya risobanuye mu Gifaransa ryasotse i Meaux. Umwepisikopi w'i Meaux yakoze uko ashoboye kose kandi atanga n'umutungo ushoboka wose kugira ngo akwirakwize iryo Sezerano Rishya muri za paruwasi yayoboraga, maze bidatinze abaturage b'i Meaux bose bitungira Ibyanditswe Byera.

Nk'uko abagenzi bishwe n'inyota bagira ibyishimo byinshi iyo babonye isoko

220 -Ibid.,b.13, ch.2.

y'amazi, niko abo bantu bakiriye ubutumwa mvajuru. Ari abahinzi mu mirima yabo, ari abanyabukorikori aho bakoreraga, aho babaga bari mu mirimo yabo ya buri munsi, babaga baganira ku kuri kw'ingenzi kwa Bibiliya. Mu mugoroba barangije akazi, aho kujya mu tubari, bagendaga bateranira mu rugo rw'umwe umwe kugira ngo bige Ijambo ry'Imana, bafatanyirize hamwe gusenga no kuririmba. Ntibyatinze, muri ako karere hagaragara impinduka ikomeye. Nubwo bari abantu bo mu rwego rworoheje, bakaba bari abaturage batize kandi bakora imirimo ivunanye, imbaraga ihindura kandi izahura y'ubuntu bw'Imana yagaragariye mu mibereho yabo. Bari abantu bicisha bugufi, bakundana, kandi batunganye maze baba abahamya b'icyo ubutumwa bwiza buzakorera abantu bose bazabwakira bataryarya.

Umucyo wamurikiraga i Meaux woherezaga imirasire yawo kure. Umubare w'abihanaga wiyongeraga buri munsi. Umujinya ukaze w'ubuyobozi bukuru bw'itorero wabaye ugwabijwe mu gihe gito n'umwami utarahaga agaciro ibitekerezo bidafite ishingiro by'abapadiri; ariko amaherezo abayobozi bashyizweho na Papa baje kuganza. Noneho imambo zo gutwikiraho abantu zarashinzwe. Umwepisikopi w'i Meaux, yahatiwe guhitamo hagati yo gutwikwa no kwisubiraho, nuko ahitamo inzira yoroheje; ariko nubwo uwo muyobozi yasubiye inyuma akagwa, umukumbi we warashikamye. Abantu benshi bahamije ukuri bari hagati mu birimi by'umuriro. Kubw'ubutwari bwabo n'ubudahemuka bagaragazaga igihe babaga bari kuri izo mambo batwikirwagaho, abo bakristo b'abanyamahoro, urupfu rwabo rwabwirije ibihumbi byinshi by'abantu batari barigeze babwiraza ubutumwa bakiri bazima.

Ntabwo aboroheje n'abakene ari bo batinyutse guhamya Kristo muri iyo mibabaro no gushinyagurirwa. Mu mazu y'ibitabashwa y'abakomeye ndetse n'ibwami hariyo abantu bakomeye bahaga ukuri agaciro bakakurutisha ubutunzi cyangwa icyubahiro ndetse n'ubuzima ubwabwo. Abari bambaye imyenda y'ibwami akenshi bagaragaraga ko batunganye kandi bashikamye kurusha abambaraga amakanzu n'ingofero by'abepisikopi. Uwitwaga Louis de Berquin yari yaravukiye mu rugo rw'abakomeye. Yari umuntu w'intwari kandi wubashywe cyane mu bagendaga ku mafarashi, yari ashishikariye kwiga, yitwaraga neza kandi akaba inziramakemwa mu mico. Umwanditsi umwe yaravuze ati: "Yubahirizaga mu buryo bukomeye amategeko yashyizweho na Papa, kandi yumvaga misa n'ibibwirizwa ku rwego rukomeye. Ku mico ye yindi yongeragaho kwanga urunuka inyigisho za Luteri." Ariko, kimwe n'abandi benshi ubwo yayoborwaga n'Imana gusoma Bibiliya, yatangajwe no kuyisangamo "inyigisho zitari iza Roma, ahubwo yasanzemo iza Luteri."[221] Kuva ubwo, yaritanze yirundurira mu murimo w'ubutumwa bwiza.

"Yari umuhanga w'ikirangirire mu bakomeye bo mu Bufaransa," ubwenge bwe buhambaye no kuba intyoza kwe, ubutwari bwe budacogora n'umwete wamurangaga ndetse no kuba yari afite ijambo ibwami, (bitewe n'uko yari umutoni ku mwami), byatumye abantu benshi bamufata ko atazabura kuba umugorozi w'igihugu cye. Uwitwa Beza yaravuze ati: "Berquin aba yarabaye Luteri wa kabiri, iyaba yari yarabonye ko Faransisiko wa I ari ikindi gikomangoma." Abambari ba Papa baravugaga bati: "Ni mubi cyane kurusha Luteri." [222]Yatinywaga cyane n'abari

221 -Wylie, b.13, ch.9.
222 - Ibid., b.13, ch.9.

ku ruhande rwa Roma bo mu Bufaransa. Bamushyize muri gereza nk'umuntu wayobye, ariko aza guhabwa umudendezo n'umwami ararekurwa. Urugamba rwarakomeje rumara imyaka myinshi. Faransisiko yabaye hagati y'Abanyaroma n'ubugorozi, akajya yihanganira uburakari bw'abapadiri ikindi gihe akabuhagarika. Berquin yafunzwe inshuro eshatu afungishijwe n'abategetsi bo ku ruhande rwa Papa, ariko akajya afunguzwa n'umwami kuko yamukundiraga ubuhanga bwe n'imico ye itunganye bigatuma yanga ko arengana azira ubugome bw'abayobozi bakuru b'itorero.

Berquin yaburiwe inshuro nyinshi ibyerekeye akaga kari kamwugarije mu Bufaransa, kandi bamugiraga inama yo kugera ikirenge mu cy'abari baraboneye umutekano mu guhunga babyihitiyemo. Uwitwaga Erasime wagiraga amagambo make ariko akagendana n'ibihe ngo arengere inyungu ze, nubwo yari umunyabwenge, ntabwo yabashije kugira ugukomera mu mico mbonera bituma ubuzima n'icyubahiro bicishwa bugufi kubera ukuri. Yandikiye Berquin ati : "Saba kujya guhagararira igihugu mu mahanga; jya mu Budage uzahakore ingendo. Uzi neza Beda n'abandi nka we, ko ari igikoko gifite imitwe igihumbi, gicira ubumara impande zose. Abanzi bawe ntibagira ingano. Nubwo umurimo wawe waba mwiza kuruta uwa Yesu Kristo, ntibazakureka ngo ugende batakurimburanye ubugome bukomeye. Ntiwishingikirize cyane ku kurindwa n'umwami. Mu bibaho byose, ntunshire mu kaga ndetse n'ishami ryigisha iby'Iyobokamana."[223]

Ariko uko ibyago byarushagaho gukomera, ni ko ubutwari bwa Berquin nabwo bwiyongeraga. Aho gukurikiza inama za politiki kandi zo kwirengera yahawe na Erasme, Berquin yiyemeje gufata ingamba zikaze kurutaho. Ntiyibandaga gusa ku kurengera ukuri, ahubwo yajyaga yamagana n'amakosa. Ikirego cy'ubuhakanyi yaregwaga n'abambari ba Roma, yajyaga akibagerekaho ari bo. Abamurwanyaga babishishikariye cyane kandi bamwanga urunuka bari abantu bize bafite impamyabumenyi z'ikirenga ndetse n'abapadiri bo mu ishami ryigishaga iyobokamana muri Kaminuza nkuru y'i Paris, yari imwe mu bifite ububasha buhanitse bw'itorero haba mu mujyi mukuru ndetse no ku gihugu cyose. Mu nyandiko z'abo bahanga b'ikirenga Berquin yakuyemo ingingo cumi n'ebyiri yavugiye mu ruhame ko "zinyuranyije na Bibiliya, kandi ko zirimo ubuyobe;" maze asaba umwami ko ari we waca urubanza muri izo mpaka.

Umwami ntiyatindiganyije guhuza abo banyambaraga n'abo babavuguruzaga buzuye ubwenge n'ubushishozi, maze anezezwa no kubona uburyo bwo gucisha bugufi ubwibone bw'abo bapadiri birataga, bityo asaba abari mu ruhande rwa Roma gushyigikirisha Bibiliya ibyo bemera. Bari bazi neza ko iyo ntwaro itagira icyo ibamarira. Gushyira abantu mu nzu z'imbohe, kwica urubozo no gutwika ni zo ntwaro bari bazi gukoresha. Ubu noneho ibintu byari bihindutse, bibonye bagiye kugwa mu rwobo bari bariringiye ko bazarohamo Berquin. Barumiwe maze bashakishaka uburyo batoroka.

"Muri icyo gihe ishusho ya Bikira Mariya yari ku ruhande rw'inzira imwe yarangijwe icibwa igice kimwe." Habayeho imivurungano ikomeye mu mujyi. Abantu benshi bahururiraga kureba iyo shusho maze bakarirana umubabaro.

223 -Ibid.,b.13, ch.9.

Umwami nawe byaramubabaje cyane. Ayo yabaye amahirwe abapadiri bari babonye kugira ngo bisubize isura nziza, maze bakora vuba vuba ngo ayo mahirwe bayabyaze umusaruro. Barashakuje bati: "Izi ni imbuto z'inyigisho za Berquin. Ibintu byose, byaba idini, amategeko ndetse n'ingoma ubwayo, bigiye guhirikwa n'aka kagambane k'abayoboke ba Luteri."[224]

Berquin yongeye gufatwa. Umwami yari mu rugendo atari mu mujyi wa Paris, bituma abapadiri babona umudendezo wo gukora ibyo bishakiye. Umugorozi Berquin acirwa urubanza maze bamukatira urwo gupfa; kandi uretse gusa ko umwami Faransisiko yajyaga kubyitambikamo akamukiza, naho ubundi umwanzuro w'urubanza washyizwe mu bikorwa uwo munsi rwaciweho. Ku gicamunsi, Berquin yajyanywe aho ari bwicirwe. Imbaga y'abantu benshi cyane yateraniye kureba uko ari bwicwe, kandi benshi muri bo barebanaga gutangara n'ubwoba kubona ko ugiye kwicwa yatoranyijwe mu miryango y'abantu bakomeye kandi b'intwari mu Bufaransa. Gutangara, akababaro, gukwena n'urwango rukaze byari byijimishije mu maso y'imbaga y'abantu bari aho, nyamara mu maso h'umuntu umwe ho nta mwijima waharangwaga. Intekerezo z'uwari ugiye kwicwa azira ubuhamya bwe zarebaga kure y'ibyari bigiye kuba byuzuyemo umuborogo, yiyumvagamo gusa ko Umwami we amuri iruhande.

Ikimodoka gipfukiranye bamwurije, uburakari bwagaragaraga mu maso y'abari bagiye kumwica, urupfu ruteye ubwoba yari agiye gupfa, ibyo byose ntiyabyitayeho. Uriho ariko akaba yari yarapfuye, kandi akaba ariho ubutazongera gupfa ndetse akaba afite imfunguzo z'urupfu n'iz'ikuzimu yari kumwe nawe. Mu maso ha Berquin harabagiranaga umucyo n'amahoro mvajuru. Yari yiyambitse "umwambaro w'ibirori; imyambaro wa gikire myiza cyane kandi ikomeye ndetse n'ikote ry'amabara asa na zahabu."[225]

Yari agiye guhamya kwizera kwe imbere y'Umwami w'abami ndetse n'imbere y'isanzure ryose ryabyitegerezaga, kandi nta kimenyetso cy'amaganya cyashoboraga gusibanganya ibyishimo bye.

Ubwo abantu benshi bari bamushoreye bagendaga buhoro buhoro banyura mu mayira yari yuzuyemo abantu, rubanda rwatangazwaga no kubona amahoro afite, insinzi igaragazwa n'ibyishimo yabonekaga mu maso he ndetse n'ubutwari bwe. Baravuze bati : "Ameze nk'umuntu wicaye mu rusengero akaba ari gutekereza ku bintu byera."[226]

Ubwo yari ageze ku nkingi yagombaga gutwikirwaho, Berquin yagerageje kugira amagambo make abwira abantu; ariko abapadiri batinye ingaruka yabyo, batangira gusakuza cyane, n'abasirikari bajegeza intwaro zabo bityo urusaku rwabyo runiga ijwi rya Berquin. Uko niko mu mwaka wa 1529, urwego ruhanitse rw'abanditsi n'abepisikopi b'i Paris rwari rwaratanze urugero rubi kandi ruteye isoni rwo gupfukirana amagambo yera y'abapfiraga ku mambo mu mwaka 1793.[227]

Berquin yaranizwe maze umubiri we uratwikwa urakongoka. Inkuru y'urupfu rwe

224 -Ibid.,b.13, ch.9.
225 -D'Aubigné, History of the Reformation in Europe in the Time of Calvin, b.2, ch.16.
226 -Wylie, b.13, ch.9.
227 -Ibid., b.13, ch.9.

yababaje incuti z'Ubugorozi mu gihugu cy'Ubufaransa cyose. Nyamara ntabwo urugero rwe rwibagiranye. Abahamya b'ukuri baravuze bati: "Natwe twiteguye gupfa gitwari, guhanze amaso ku buzima bw'ahazaza."[228]

Mu gihe cy'itotezwa ryabereye i Meaux, abigisha b'ukwizera kuvuguruye bambuwe uburenganzira bwabo bwo kubwiriza, maze bajya gukorera ahandi. Nyuma y'igihe gito Lefevre yafashe inzira ajya mu Budage. Farel we yagarutse mu mujyi yavukiyemo wari mu Burasirazuba bw'Ubufaransa kugira ngo yamamaze umucyo aho yarerewe. Inkuru y'ibyaberaga i Meaux yari yarakwiriye hose bituma ukuri yigishanyaga umwete ashiritse ubwoba kubona abagutega amatwi. Bidatinze abategetsi barahagurutse kugira ngo bamucecekeshe, ndetse bamwirukana mu mujyi. Nubwo atashoboraga gukorera ku mugaragaro, yambukaga ibibaya n'imidugudu, agenda abwiririza mu mazu no mu nzuri, akajya yibera mu mashyamba no mu buvumo byajyaga bumutera ubwoba akiri umwana muto. Imana yariho imutegurira kuzanyura mu bigeragezo bikomeye. Yaravuze ati: "Imisaraba, gutotezwa ndetse n'imigambi bya Satani naburiwe mbere ntibyabuze kungeraho, ndetse birankomereye cyane kuruta uko nagashoboye kubyihanganira, ariko Imana ni Data; yampaye imbaraga kandi izahora iteka impa imbaraga nkeneye."[229]

Nk'uko byabaye mu gihe cy'intumwa, akarengane "ntikabereye ubutumwa bwiza inkomyi, ahubwo kabushyize imbere."[230] Birukanwe i Paris n'i Meaux, "abatatanye bagiye hose, bamamaza Ijambo ry'Imana."[231] Kandi uko ni ko umucyo washoboye kugera mu ntara zose za kure z'Ubufaransa.

Imana yari igitegura abakozi bo kwagura umurimo wayo. Mu ishuri rimwe ryo mu Bufaransa, habonetse umusore umwe witonda kandi w'umunyamahoro wahise agaragarwaho no kuba umunyabwenge no kugira ubushishozi; kandi yagaragazwaga cyane n'imbaraga ze z'ubwenge ndetse no kwitanga mu by'idini kimwe no kuba inziramakemwa mu mibereho ye. Bidatinze ubuhanga bwe buhanitse ndetse no kwita ku masomo ye, byatumye aba ishema ry'ishuri yigagaho, maze bituma abantu bagira icyizere ko Yohani Kaluvini azaba umwe mu bantu b'intwari kandi bubashywe cyane bazarengera itorero. Ariko imirasire w'umucyo mvajuru yahuranyije inkuta z'imitekerereze, ubucurabwenge n'inyigisho z'iyobokamana ndetse n'imigenzo Kaluvini yari afungiraniwemo. Yumvise inyigisho nshya ahinda umushyitsi, ntiyagira gushidikanya ko abayobye bakwiriye koko gutwikwa mu muriro babashyiragamo. Nyamara yaje kwibona ahanganye n'ibyo bitaga ubuyobe maze biba ngombwa ko agenzura inyigisho za Roma kugira ngo azikoreshe arwanya inyigisho z'Abaporotesitanti.

Mubyara we wari warifatanyije n'abagorozi yabaga i Paris. Abo babyara bombi bahuraga kenshi maze bakaganira ku bibazo byatezaga imvururu aharangwa ubukristo. Umuporotesitanti witwa Olivetan yaravuze ati: "Mu isi hari amadini abiri gusa. Umugabane wa mbere w'idini (imyizerere) ni uwo abantu bahimbye, muri ryo umuntu yikiza ubwe kubw'imihango n'imirimo myiza. Undi mugabane w'idini ni

228 -D'Aubigné, History of the Reformation in Europe in the Time of Calvin, b.2, ch.16.
229 - D'Aubigné, History of the Reformation of the Sixteenth Century, b.12, ch.9.
230 Abafilipi 1 :12
231 Ibyakozwe n'intumwa 8:4

uvugwa muri Bibiliya kandi wigisha abantu gushakira agakiza gusa mu buntu Imana igira nta kiguzi."

Kaluvini yaravuze ati: "Sinzigera ngira inyigisho nemera muri izo nyigisho nshya zanyu. Mbese mutekereza ko igihe nabayeho cyose nari mu makosa?"[232]

Nyamara hari ibitekerezo byari byakangutse mu ntekerezo ze atashoboraga kwivanamo ubwe. Ubwo yari wenyine mu cyumba cye, yatekereje ku magambo yabwiwe na mubyara we. Umutima umwemeza icyaha waramuremereye, yibonaga ari imbere y'Umucamanza uzira inenge kandi w'umunyakuri adafite umurengera. Kurengerwa n'abatagatifu, imirimo myiza ndetse n'imihango y'idini byose nta bushobozi byari bifite bwo kumukiza icyaha. Nta kindi kintu yabonaga imbere ye uretse kwiheba by'iteka ryose. Abanyabwenge b'ikirenga bo mu itorero bageragezaga kumuhumuriza ariko bikaba iby'ubusa. Yitabaje kwatura ibyaha no gusaba imbabazi (penitensiya) ariko ibyo nabyo biba iby'ubusa kuko ntibyashoboraga kunga umutima n'Imana.

Ubwo yari akiri muri urwo rugamba rutagiraga icyo rugeraho, umunsi umwe Kaluvini yagize amahirwe yo kugera ahantu abantu benshi bari bateraniye maze ahabonera uko batwikaga uwo bitaga umuhakanyi. Yatangajwe cyane n'amahoro yagaragaraga mu maso y'uwo muntu waziraga ukwizera kwe. Muri urwo rupfu rw'agashinyaguro ruteye ubwoba ndetse no kuba yaciriweho iteka n'itorero mu buryo bukomeye, uwo wicwaga yerekanye ukwizera n'ubutwari. Uwo munyeshuri wari ukiri muto yuzuye umubabaro maze abigereranya na kwa kwiheba kwe n'umwijima wari umugose kandi mu mibereho ye yarumviraga itorero adakebakeba. Yari azi ko abahakanyi bashingiye ukwizera kwabo kuri Bibiliya. Yiyemeje kuyiga kugira ngo nabishobora abashe kuvumbura ibanga ry'ibyishimo by'abo bicwaga.

Muri Bibiliya yasanzemo Kristo. Yavuganye ijwi rirenga ati: " O Data! Igitambo cye nicyo cyahosheje uburakari bwawe; amaraso ye niyo yanyogejeho imyanda; umusaraba we niwo wagiweho n'umuvumo wanjye; urupfu rwe rwambereye icyiru. Twebwe ubwacu twitekerereje iby'ubupfapfa byinshi bitagira akamaro, ariko washyize ijambo ryawe imbere yanjye nk'itara kandi wakabakabye umutima wanjye kugira ngo mbashe kubona ko ibindi byose nakora ari ibizira, uretse ibya Yesu byonyine."[233]

Kaluvini yari yarigishijwe ngo azabe umupadiri. Ubwo yari afite imyaka cumi n'ibiri gusa, nibwo yatorewe kuba umuyobozi w'itorero rito kandi umusatsi we wari warogoshwe n'umwepisikopi nk'uko biteganywa n'amabwiriza agenga itorero. Ntiyigeze asigwa ngo yezwe cyangwa ngo akore inshingano z'umupadiri, ariko yabaye umwe mu bihaye Imana batoranyijwe, akitirirwa umwanya yarimo kandi akawuhererwa agahimbazamusyi.

Amaze kubona ko atazigera aba umupadiri, yafashe igihe runaka cyo kwiga iby'amategeko, ariko amaherezo aza kureka uwo mugambi maze yiyemeza kwegurira imibereho ye kubwiriza ubutumwa bwiza. Ariko yashidikanyije kuba umwigisha ubwiririza mu ruhame. Ubusanzwe yari umuntu ugira amagambo make,

232 -Wylie, b.13, ch.7.
233 -Wylie, b.13, ch.7.

ariko yari aremerewe no kumva inshingano ikomeye yahabwa n'uwo mwanya, kandi yari acyifuza cyane gushishikarira kwiga. Nyamara amaherezo yaje kwemezwa n'uko incuti ze zamwingingaga zibishishikariye. Yaravuze ati: "Biratangaje kubona umuntu ukomoka ahantu horoheje abasha kuzamurwa agahabwa icyubahiro gikomeye nk'iki."[234]

Kaluvini yinjiye mu murimo we atuje kandi amagambo ye yari nk'igitonyanga kigwa ngo gitose ubutaka. Yari yaravuye i Paris none ubu bwo yari yibereye mu mujyi wo mu ntara aho yari arinzwe n'igikomangomakazi Marigarita wakundaga ubutumwa bwiza maze yongera uko yarindaga abari barabuyobotse. Kaluvini yari akiri umusore muto, w'umugwaneza kandi udaharanira ibyubahiro. Yatangiye umurimo we yigishiriza abantu mu ngo zabo. Yasomaga Bibiliya kandi agasobanura ukuri kw'agakiza akikijwe n'abagize umuryango. Abumvaga ubwo butumwa bajyaniraga abandi iyo nkuru nziza, maze bidatinze uwo mwigisha ava mu mujyi mukuru ajya mu mijyi mito no mu midugudu ihazengurutse. Ntaho yahezwaga haba mu ngo z'abakomeye cyangwa mu tururi tw'abakene; agakomeza urugendo ashinga urufatiro rw'amatorero yagombaga kuvamo abahamya b'ukuri batagira ubwoba.

Nyuma y'amezi make yagarutse i Paris. Aho i Paris hari impaka zidasanzwe mu itsinda ry'abahanga n'abigisha bakomeye. Kwiga indimi za kera byari byaratumye abantu biga Bibiliya kandi benshi abo imitima yabo itari yaracengewe n'ukuri kwayo bakujyagaho impaka babishishikariye ndetse bakanahangana n'ibirangirire byari bishyigikiye inyigisho z'i Roma. Nubwo Kaluvini yari ashoboye kurwana urugamba mu by'iyobokamana, yari afite umurimo ukomeye yagombaga kurangiza warutaga cyane uw'abo banyabwenge bagiraga urusaku. Intekerezo z'abantu zari zakangutse, maze icyo kiba igihe cyo kubamenyesha ukuri. Mu gihe ibyumba byo muri za kaminuza byari byuzuwemo n'urusaku ruvuye ku mpaka mu by'iyobokamana, Kaluvini we yagendaga ava ku nzu ajya ku yindi, yigisha abantu Bibiliya akababwira ibya Kristo wabambwe.

Mu buntu bw'Imana, abatuye umujyi wa Paris bagombaga kugezwaho irindi rarika ngo bemere ubutumwa bwiza. Irarika rya Lefevre na Farel ryari ryarirengagijwe, ariko ubutumwa bwagombaga kongera kubwirwa abantu bo mu nzego zose batuye uwo murwa munini. Kubwo impamvu za politike, umwami yari atarajya ku ruhande rwa Roma mu buryo bwuzuye ngo arwanye Ubugorozi. Igikomangomakazi Marigarita yakomeje kugira ibyiringiro ko ubuporotesitanti buzatsinda mu Bufaransa. Yagambiriye ko ukwizera kuvuguruwe gukwiriye kubwirizwa mu mujyi wa Paris. Mu gihe umwami atari ari muri uwo mujyi Marigarita yategetse ko umuvugabutumwa w'Umuporotesitanti abwiriza mu nsengero zo mu mujyi. Kubera ko abayobozi bakuru bashyizweho na Papa bahise babibuzanya, Marigarita yafunguye imiryango y'ibwami. Yafashe inyubako imwe ayihindura urusengero, maze batangariza abantu ko buri munsi, ku isaha runaka hari ikibwirizwa kizajya kibwirizwa kandi abantu b'ingeri zose bararikiwe kuza gutega amatwi. Abantu batagira ingano baje kumva ibyo bibwirizwa. Abantu buzuye mu rusengero ndetse no mu miryango yarwo. Buri munsi hateraniraga abantu ibihumbi byinshi baba: ibikomangoma, abategetsi, abacamanza, abacuruzi n'abanyabukorikori. Maze

234 -Wylie, b.13, ch.9.

aho kugira ngo umwami abuzanye ibyo biterane, ahubwo yategetse ko bafungura insengero ebyiri mu zo mu mujyi wa Paris. Nta kindi gihe cyigeze kibaho ko umujyi wa Paris ukangurwa n'Ijambo ry'Imana bene ako kageni. Byasaga n'aho umwuka w'ubugingo uvuye mu ijuru wahumekewe ku bantu. Kwirinda, ubutungane, kugira gahunda ndetse no gukora byasimburaga ubusinzi, kuba ibyigenge, urugomo ndetse n'ubunebwe.

Nyamara abayobozi bakuru b'itorero ntibicaye ngo be kugira icyo bakora. Umwami yakomeje kwanga kubyivangamo ngo ahagarike uko kubwiriza, maze ba bayobozi bifashisha rubanda. Nta nzira n'imwe itarakoreshejwe ngo bakangure ubwoba, urwikekwe ndetse n'ubwaka by'abantu b'injiji n'abandi benshi cyane bizera iby'imigenzo. Kubera kuyoboka mu buhumyi abigisha babo b'abanyabinyoma, nk'uko byabaye kuri Yerusalemu ya kera, abo mu mujyi wa Paris ntibamenye igihe bagenderewemo ndetse n'ibyabahesha amahoro. Ijambo ry'Imana ryabwirijwe muri uwo murwa mu gihe cy'imyaka ibiri, ariko nubwo hari benshi bemeye ubutumwa bwiza, umubare munini w'abaturage barabwanze. Faransisiko yari yaragaragaje kutabogama ari kubw'inyungu ze bwite, maze abambari ba Papa bagera ku ntego yabo yo kongera gusubira ku butware bwabo. Insengero zongeye gufungwa maze imambo zo gutwikiraho abantu zongera gushingwa.

Kaluvini yari akiri i Paris akitegura imirimo azakora mu gihe kiri imbere akoresheje kwiga, gutekereza kubyo yiga no gusenga ndetse akomeza gukwirakwiza umucyo. Ariko amaherezo, urwikekwe rwaramwugarije. Abategetsi bafashe umwanzuro wo kumutwika. Ubwo yari wenyine yiturije, nta gitekerezo afite cy'uko hari akaga kamwugarije, nibwo incuti ze zaje ziruka ziza ku cyumba cye zimuzaniye inkuru y'uko abasirikare bari mu nzira baje kumufata. Muri ako kanya bumvise umuntu ukomanga cyane ku rugi rwo hanze. Nta kanya na gato ko guta kari kagihari. Bamwe mu ncuti ze babaye batindirije ba basirikare ku rugi mu gihe abandi bafashaga wa mugorozi gucika amanukiye mu idirishya, maze mu buryo bwihuse ahita yerekeza mu cyaro hanze y'umujyi. Yihishe mu kazu ka gikene k'umuhinzi wakundaga ubugorozi, maze Kaluvini aza kwiyoberanya yambara imyambaro y'uwamucumbikiye, afata isuka ayishyira ku rutugu, maze atangira urugendo rwe. Yagiye yerekeza mu majyepfo, maze yongera kubona ubuhungiro aho mu karere k'igikomangomakazi Marigarita.[235]

Aho yahamaze amezi make, afite umutekano arinzwe n'incuti ze zikomeye kandi nk'uko yabikoraga mbere akajya yiga. Ariko kandi umutima we wari urangamiye kuvuga ubutumwa mu Bufaransa, bityo rero ntiyashoboraga kumara igihe kirekire ntacyo akora. Amaze kubona imiraba imaze guhosha, yashatse ahandi hantu hashya yakorera muri Poitiers. Aho hari kaminuza kandi inyigisho nshya zari zarahakiranwe ibyishimo. Abantu bo mu nzego zose bategeraga amatwi ubutumwa bwiza bishimye. Nta kuhabwiriza mu ruhame kwabayeho, ariko Kaluvini yabumburiraga amagambo y'ubugingo buhoraho abantu bifuzaga kuyumva haba mu rugo rw'umucamanza mukuru, haba mu icumbi yarimo, ndetse rimwe na rimwe akigishiriza mu busitani aho abantu bateranira. Nyuma y'igihe runaka, uko abantu barushagaho kwiyongera, babonye byaba byiza gushaka aho bajya bateranira inyuma y'umujyi. Ubuvumo

235 -D'Aubigné, History of the Reformation in Europe in the Times of Calvin, b.2, ch.30.

bwari mu kibaya kirekire aho ibitare n'ibiti byinshi byasaga n'ibibatwikiriye, ni bwo bwahiswemo ngo bajye babuteraniramo. Amatsinda mato y'abantu yavaga mu mujyi anyuze inzira zitandukanye maze akerekeza aho hantu.

Aho hantu hitaruye hasomerwaga Bibiliya mu ijwi riranguruye kandi ikanasobanurwa. Aho niho Abaporotesitanti bo mu Bufaransa bizihirije bwa mbere umuhango w'Ifunguro ry'Umwami. Ababwirizabutumwa benshi b'indakemwa bakomotse muri iryo torero rito.

Kaluvini yongeye kugaruka i Paris. Yari ataratakaza ibyiringiro by'uko igihugu cy'Ubufaransa kizemera Ubugorozi. Nyamara yaje gusanga hafi imiryango yose y'umurimo ikinzwe. Kubwiriza ubutumwa bwiza kwari ugufata inzira yahuranyije igana ku mambo ugatwikwa, maze amaherezo Kaluvini yiyemeza gufata inzira igana mu Budage. Akimara kuva mu Bufaransa, nibwo inkubiri yadutse mu Baporotesitanti ku buryo iyo ajya kuhaguma yagombaga guhitanwa no kurimbura kwatwaye rubanda rwinshi.

Abagorozi bo mu Bufaransa, mu gihe bifuzaga kubona amajyambere y'ubugorozi mu gihugu cyabo nk'uko byari biri mu Budage no mu Busuwisi, biyemeje gufora umwambi utyaye washoboraga gukangura igihugu cyose bakarwanya imigenzo ya Roma. Ku bw'uwo mugambi, ibyapa byanditsweho amagambo anenga misa byamanitswe mu Bufaransa hose mu ijoro rimwe. Ariko aho kugira ngo icyo gikorwa cyuzuye ishyaka kandi cyatekerejwe nabi giteze imbere umurimo w'Ubugorozi, cyazaniye kurimbuka atari abagikwirakwije gusa ahubwo n'incuti z'ukwizera kuvuguruwe zo mu Bufaransa hose. Icyo gikorwa cyahaye abambari ba Roma ibyo bari barifuje igihe kirekire ari cyo mendeza yo gusaba ko abahakanyi batsembwa nk'abantu bateza impagarara bakaba inkomyi ku mutekano w'ubwami ndetse no ku mahoro y'igihugu.

Inyandiko imwe yamanitswe ku rugi rw'icyumba cyihariye cy'umwami bikozwe n'umuntu utaramenyekanye niba yari incuti yahubutse ikabikora cyangwa niba yari umwanzi wuzuye uburyarya. Ibi byateye umwami ubwoba bwinshi. Muri iyo nyandiko, imigenzo yari imaze igihe kirekire yubahirizwa yarwanyijwe nta kubabarira. Uko gutinyuka kurimo guhangara gushyira inyandiko ishishana ibwami byatumye umwami agira umujinya. Mu gutangara kwe, yamaze igihe gito atengurwa atagira icyo avuga. Amaherezo uburakari bwe bwamuteye kuvuga aya magambo ashishana ati: "Ntegetse ko abantu bose bakekwaho kuba abayoboke ba Luteri bafatwa. Nzabarimbura bose."[236]

Itegeko ryashyizweho ikimenyetso. Umwami yari amaze kwiyemeza burundu kujya mu ruhande rwa Roma.

Hahise hafatwa ingamba zo gufata abayoboke ba Luteri bose bari mu mujyi wa Paris. Umuturage umwe w'umukene wari warayobotse ukwizera kw'abagorozi, akaba yari yaramenyereye gutumira abizera mu biterane bya rwihishwa yarafashwe. Kubera gukangishwa kwicwa bamutwitse, yategetswe kujyana intumwa za papa ku rugo rwa buri Muporotesitanti utuye muri uwo mujyi. Yagize ubwoba yanga icyo gikorwa kibi bamusabye, ariko amaherezo gutinya gutwikwa biramuganza maze yemera kugambanira bagenzi be. Morin wari umugenzacyaha ari kumwe

236 - Ibid., b.4, ch.10.

na wa muntu wafashwe, bari babanjirijwe n'imbaga y'abantu bakikijwe n'imbaga y'abapadiri, abantu batwara imibavu, abihaye Imana n'abasirikare banyuraga mu duhanda two mu mujyi bagenda buhoro buhoro kandi bacecetse. Urwo rugendo rwasaga n'urwo kwibuka "isakaramento ritagatifu," nk'igikorwa cyo guhanagura igitutsi abaporotesitanti batutse misa. Ariko inyuma y'uwo mwiyerekano hari hihishe umugambi mubisha. Igihe bageraga imbere y'inzu y'umuyoboke wa Luteri, wa mugambanyi yabahaga ikimenyetso ariko nta jambo rivuzwe. Ba bantu bakurikiranye barahagaze, hakagira abinjira mu nzu maze abo muri uwo muryango bose bakabasohora bakabambika umunyururu bityo bagakomeza gushaka abandi. Nta nzu n'imwe banyuragaho, yaba nto cyangwa nini, ndetse n'amashuri makuru ya Kaminuza ya Paris. . . Morin yahindishije umujyi wose umushyitsi. . . Cyari igihe giteye ubwoba."[237]

Abafatwaga bicwaga urubozo, hagategekwa ko bagabanya ubukana bw'umuriro kugira ngo umubabaro wabo umare igihe kirekire. Nyamara bapfuye ari abaneshi. Ugushikama kwabo ntikwanyeganyejwe kandi amahoro yabo ntiyahungabanye. Kubera ko ababatotezaga batashoboraga gukuraho ugushikama kwabo kudadohoka, ni bo bumvise batsinzwe. "Imambo zo gutwikiraho abantu zakwirakwijwe mu mpande zose z'umujyi wa Paris maze mu minsi myinshi yagiye ikurikirana bakajya bazibatwikiraho, umugambi wabyo ari ugutinyisha ibyo bitaga ubuhakanyi. Nyamara amaherezo inyungu yakomeje kuba ku butumwa bwiza. Abatuye umujyi wa Paris bose bashoboye kubona uko ibitekerezo bishya bihindura abantu ukundi. Nta ruhimbi (aritari) rwariho ruhwanye n'inkingi yatwikirwagaho abaziraga kwizera kwabo. Ibyishimo byarabagiranaga mu maso h'abo bantu igihe bajyanwaga aho bari butwikirwe, ubutwari bagaragazaga igihe babaga abahagaze mu birimi by'umuriro bikaze, uko bababariraga ababagirira nabi, akenshi byatumaga uburakari bw'ababatoteza buhinduka impuhwe, urwango rugahindukamo urukundo maze bakavuga bashize amanga bashyigikira ubutumwa bwiza."[238]

Abapadiri bari bagamije gutuma uburakari bw'abaturage bukomeza kuba bwinshi maze bakwirakwiza inyandiko z'ibirego bikabije baregaga Abaporotesitanti. Babaregaga ubugambanyi bwo gushaka kurimbura Abagatolika, guhirika ubutegetsi no kwica umwami. Nta gihamya na gito bari bafite gishyigikira ibyo birego. Nyamara ubwo buhanuzi bw'ibinyoma bwagombaga gusohora mu bundi buryo butandukanye cyane n'ubwo, kandi binaturutse ku zindi mpamvu zihabanye n'izo. Ubugome bukomeye abagatolika bagiriraga Abaporotesitanti b'inziramakemwa bwuzuye igipimo cy'ingororano yabo bityo mu binyejana byakurikiyeho ubwo bugome bubazanira ibyago bari baravuze mbere ko bizaba ku mwami, ku butegetsi bwe ndetse no ku baturage be. Nyamara uko kurimbuka kwazanywe n'abapagani ndetse n'abayoboke ba Papa ubwabo. Ntabwo kwaduka k'ubuporotesitanti ari byo byateje akaga gakomeye Ubufaransa nyuma y'imyaka magana atatu yakurikiyeho, ahubwo katejwe no gushaka kubukuraho burundu.

Urwikekwe, kutizerana ndetse n'ubwoba noneho byakwiriye mu nzego zose z'abaturage. Muri uko gukangarana kwari rusange, biboneye uburyo inyigisho za

237 Ibid.,b.4, ch.10.
238 -Wylie, b.13, ch.20.

Luteri zacengeye mu ntekerezo z'abantu bo mu rwego rwo hejuru mu myigire, mu kugira ijambo mu bantu ndetse no kugira imico itunganye rwose. Mu buryo butunguranye, abari mu myanya ikomeye mu butegetsi kandi y'icyubahiro bayivuyemo. Abanyabukorikori, abakora mu macapiro, intiti, abigisha muri za kaminuza, abanditsi ndetse n'abakozi boroheje b'ibwami. Abantu amagana menshi barahunze bava i Paris, biyemeza guhunga ku bushake bwabo maze bava mu gihugu cyabo cya kavukire, kandi ibyo biba ikimenyetso cy'ibanze ko bashyigikiye ukwizera kuvuguruwe. Abambari ba Papa barebye abahakanyi benshi batakekaga bari babarimo batabishisha maze birabatangaza. Uburakari bwabo babutuye imbaga y'abacishije bugufi bari bafiteho ubushobozi. Gereza zujujwe abantu, n'ikirere gisa n'icyijimishijwe n'umyotsi w'umuriro wacaniwe gutwika abantu bemeraga ubutumwa bwiza.

Umwami Faransisiko wa mbere yari yarahawe icyubahiro cyo kuba yarabaye umuyobozi muri gahunda yo kubyutsa ibyerekeye kwiga yaranze itangira ry'ikinyejana cya cumi na gatandatu. Yari yarashimishijwe no guteranyiriza mu ngoro ye abantu bose b'abahanga mu by'indimi bavuye mu bihugu byose. Urukundo yakundaga ubumenyi, n'urwango yangaga ubujiji n'imihango by'abihaye Imana, ni rwo ku ruhande rumwe rwamuteye nibura kwihanganira ubugorozi. Ariko, kubw'ishyaka ryo kurandurana imizi ubuhakanyi, uwo muntu wari ushyigikiye ubumenyi yatanze itegeko ryo guhagarika icapwa ry'inyandiko mu gihugu cy'Ubufaransa cyose. Faransisiko wa mbere ni umwe mu ngero nyinshi zanditswe zerekana ko umuco ushingiye ku buhanga atari ikintu gishobora guhagarika kutihanganirana no kurenganya mu by'iyobokamana.

Binyuze mu birori bikomeye kandi bikorewe mu ruhame, Ubufaransa bwagombaga kwiyemeza kurimbura Ubuporotestanti burundu. Abapadiri basabye ko igitutsi Ijuru ryatutswe binyuze mu kunenga Misa, cyahanagurwa n'amaraso kandi ko umwami, mu izina ry'abaturage be, atangira mu ruhame igihano kigenewe icyo gikorwa kibi bikabije.

Kuwa 21 Mutarama 1535 niwo munsi washyiriweho kwizihiza ibyo birori biteye ubwoba. Ubwoba budafite ishingiro ndetse n'urwango by'abatuye igihugu bose byari byabyukijwe. Umujyi wa Paris winjiwemo n'imbaga y'abantu bavuye ahawukikije hose maze buzura imihanda yawo. Uwo munsi wagombaga gutangizwa n'urugendo rw'umwiyereko. "Inzu zikikije aho abari bari mu mwiyereko banyuraga zari zimanitsweho ibitambaro bigaragaza icyunamo, kandi za alitari zari ziteretswe ku nzira zigiye zitandukanywa n'intera ingana. Imbere ya buri muryango hari urumuri mu rwego rwo kubahiriza 'isakaramento ritagatifu.' Urwo rugendo rw'umwiyereko rwatangiriye ku ngoro y'umwami mu rukerera. "Imbere habanzaga abantu batwaye imisaraba n'amabendera by'amaparuwasi atandukanye, hagakurikiraho rubanda rwagendaga babangikanye babiri babiri kandi batwaye imuri zaka." Abayobozi bane b'ibanze mu rwego rw'itorero bakurikiyeho buri wese yambaye imyambaro ye yihariye. Abo bakurikiwe n'abatwaye ibintu bijyanye n'abatagatifu n'abahowe kwizera kwabo. Abo nabo bakurikiwe n'abepesikopi bagendera ku mafarashi bambaye amakanzu arabagirana n'imyambaro itatsweho amasaro kandi irabagirana.

"Ukarisitiya yari itwawe na musenyeri w'i Paris iri munsi y'igitwikirizo kirabagirana. Inyuma ye hari hakurikiyeho umwami. Uwo munsi umwami

Faransisiko wa I ntiyambaye ikamba ry'ubwami ndetse n'ikanzu ya cyami." Yagendaga umutwe we uriho ubusa, yubitse amaso kandi atwaye urumuri rwaka mu maboko ye. Umwami w'Ubufaransa yagaragaye mu "ishusho y'umuntu wihana."[239] Uko yageraga imbere ya buri alitari, yarapfukamaga akicisha bugufi, bidatewe n'ingeso mbi zahumanyije umutima we cyangwa amaraso y'inzirakarengane yahindanyije ibiganza bye, ahubwo ari kubw'icyaha gikomeye cyane abo ayobora bakoze bahangara kunenga Misa. Inyuma y'umwami hakurikiyeho umwamikazi n'abanyacyubahiro bo mu butegetsi, nabo bakagenda babangikanye babiri babiri buri wese atwaye urumuri rwaka.

Nk'umugabane umwe muri gahunda z'uwo munsi, umwami ubwe yagejeje ijambo ku bakomeye bose bari mu cyumba kinini cy'ingoro ya musenyeri. Yahagaze imbere yabo afite umubabaro ugaragara ku maso ye maze avuga amagambo akomeye yinubira icyaha, ubugome ndetse n'umunsi w'umubabaro no gukorwa n'isoni" byagwiririye igihugu cyose. Bityo, yabwiye abamwumvira bose kumufasha gukuraho burundu icyorezo cy'ubuyobe cyari kigendereye gusenya Ubufaransa. Yaravuze ati: " Mwa banyacyubahiro mwe, ndababwiza ukuri nk'umwami wanyu, ndamutse menye ko kumwe mu maguru yanjye kwandujwe cyangwa kwafashwe n'ubu bwandu bubi, nakubaha mukaguca. Ikigeretseho kandi , ndamutse mbonye umwe mu bana banjye yagezweho n'ubwo bwandu, sinamubabarira. . . . Njye ubwanjye namutanga akaba igitambo." Yavuganaga ikiniga arira, maze abari aho bose baririra icyarimwe batera hejuru bati : "Tuzaberaho kandi tunapfire itorero gatolika!"[240]

Igihugu cyari cyaranze umucyo w'ubutumwa bwiza noneho cyinjiye mu mwijima w'icuraburindi. Ubuntu "buhesha agakiza" bwarerekanwe; ariko nyuma yo kubona imbaraga yabwo n'ubutungane bwabwo, nyuma yaho abantu benshi bakururiwe n'ubwiza bwabwo mvajuru, nyuma y'uko imijyi n'imidugudu mito imurikiwe n'umucyo w'ubwo buntu, Ubufaransa bwo bwabuteye umugongo maze buhitamo umwijima mu cyimbo cy'umucyo. Ubwo bahabwaga impano mvajuru, bayisubije inyuma barayanga. Icyiza bari baracyise ikibi, n'ikibi bacyita icyiza kugeza ubwo baguye mu mutego wo kwibeshya kw'imitima yabo. Noneho nubwo bashobora kuba barizeraga ko mu gutoteza ubwoko bw'Imana bari gukora umurimo wayo, nyamara uko kumaramaza kwabo nikwabagize intungane. Ku bushake bwabo, bari baranze umucyo wajyaga kubarinda kwibeshya, ukababuza kwiyandurisha amaraso.

Indahiro ikomeye yo gutsembaho ubuhakanyi yarahiriwe muri katederali nkuru, ari naho nyuma y'ibinyejana bitatu byakurikiyeho, "Ikigirwamana cy'Ubwenge" cyagombaga kuzimikirwa n'igihugu cyari cyaribagiwe Imana nzima. Bongeye gukora rwa rugendo rw'umwiyereko maze abahagarariye Ubufaransa barahaguruka bajya gutangira umurimo bari barahiriye gukora. "Hafi y'aho hari hashinzwe imambo zari gutwikirwaho Abakristo bamwe b'Abaporotesitanti ari bazima, kandi hari hafashwe umugambi wo gukongeza umuriro mu gihe umwami yari bube ari hafi kandi ko abari muri wa mwiyerekano bakwiriye kwihutishwa kugira ngo bibonere

239 -Ibid., b.13, ch.21.

240 -D'Aubigné, History of the Reformation in Europe in the Time of Calvin, b.4, ch.12.

241 - Wylie, b.13, ch.21.

uko abahakanyi bapfa."[241]

Ibyinshi byavugwa ku iyicarubozo abahamya ba Kristo bihanganiye ntawabivuga ngo abirangize, ariko ku ruhande rw'abicwaga nta gucika intege kwabayeho. Ubwo umwe muri bo yasabwaga kwisubiraho, yarashubije ati : "Nizera gusa ibyo abahanuzi n'intumwa babwirije kera, ndetse n'ibyo intungane zose zizeraga. Ukwizera kwanjye gushingiye mu Mana kuzatsinda imbaraga zose z'ikuzimu."[242]

Incuro nyinshi abari muri urwo rugendo bajyaga bahagarara aho abantu bicirwaga. Ubwo bari bageze ku ngoro y'umwami ari naho batangiriye urugendo, ya mbaga y'abantu yaratashye, umwami n'ibyegera bye batandukana banyuzwe n'umwiyerekano w'uwo munsi kandi bishimira ko igikorwa batangije kizakomeza gukorwa kugeza ubwo ubuhakanyi butsembwe burundu.

Ubutumwa bw'amahoro Ubufaransa bwari bwaranze bwagombaga kurandurwa kandi ingaruka zabyo zagombaga kuba mbi cyane. Ku wa 21 Mutarama 1793, ubwo hari hashize imyaka magana abiri na mirongo itanu n'umunani uhereye kuri wa munsi Ubufaransa bwiyemereje gutoteza Abagorozi, habayeho urundi rugendo rw'umwiyereko rufite umugambi utandukanye cyane n'uwa mbere. Abari muri uwo mwiyerekano banyuze mu duhanda two mu mujyi wa Paris. "Nanone, umwami niwe muntu ukomeye wari ugambiriwe; nanone humvikanye amajwi menshi n'induru, kandi humvikanye urusaku rw'abasaba ko hagira abandi bantu bicwa, ndetse hashinzwe izindi mambo kandi gahunda z'uwo munsi zisozwa no kwicwa kw'abantu mu buryo buteye ubwoba. Umwami Ludoviko wa XVI yagendaga akirana n'abari bamufashe ndetse n'abashinzwe kumwica, bagenda bamukurura bamujyanye ku cyuma kigari gishashe hasi maze abantu bafite imbaraga bakimufatiraho aryamye kugeza ubwo ikindi kimeze nk'intorezo kimanukiye kimuca umutwe maze wihirika aho."[243] Nyamara umwami si we wenyine wahaguye, ahubwo mu minsi yaranzwe no kumena amaraso ubwo hariho ingoma y'igitugu, abantu ibihumbi bibiri na magana inani biciwe hafi y'aho hantu bicishijwe cya cyuma.

Ubugorozi bwari bwarashyikirije Bibiliya abatuye isi, bubahishurira amahame agize amategeko y'Imana kandi ibyo asaba bubicengeza mu bantu. Urukundo rw'Imana rutarondoreka rwari rwarahishuriye abantu amategeko n'amahame by'ijuru. Imana yari yaravuze iti: "Nuko mujye muyitondera muyumvira, kuko ari ko bwenge bwanyu n'ubuhanga bwanyu mu maso y'amahanga, azumva ayo mategeko yose, akavuga ati : "Ni ukuri iri shyanga rikomeye ni ubwoko bw'ubwenge n'ubuhanga."[244] Igihe Ubufaransa bwangaga impano buhawe n'ijuru, bwari bubibye imbuto z'umuvurungano no kurimbuka; kandi ingaruka zaje kuba Umwivumbagatanyo ndetse n'Ingoma y'Iterabwoba.

Mbere y'uko akarengane kabyutswa na za nyandiko zamanitswe ahantu hose, hari hashize igihe kirekire umugabo w'intwari witwaga Farel ahunze igihugu cyamubyaye. Yagiye mu Busuwisi maze kubw'imirimo yakoraga asubukura ibyo Zwingli yakoze, yafashije Ubugorozi mu gutuma bwongera gukundwa.

241 - Wylie, b.13, ch.21.

242 -D'Aubigné, History of the Reformation in Europe in the Time of Calvin, b.4, ch.12.

243 -Wylie, b.13, 21.

244 Gutegeka 4:6

Imyaka yakurikiyeho yagombaga kuyimara mu Busuwisi, nyamara yakomeje guteza impinduka ku bugorozi mu Bufaransa. Mu myaka ya mbere yo kuba mu buhungiro kwe, imbaraga ze yazikoresheje yamamaza ubutumwa bwiza mu gihugu yavukiyemo. Yamaze igihe kirekire abwiriza mu baturage b'igihugu cye hafi y'urubibi aho yari maso yitegereza urugamba kandi agafasha abantu kubw'amagambo ye atera ubutwari n'inama ze. Kubwo gufashwa n'izindi mpunzi, inyandiko z'abagorozi b'Abadage zasobanuwe mu rurimi rw'Igifaransa, kandi izo nyandiko ndetse na Bibiliya y'Igifaransa bisohoka mu macapiro ari byinshi. Ibyo bitabo byagurishijwe n'ababwiririshabutumwa ibitabo mu Bufaransa ari byinshi. Ababwiririshabutumwa ibitabo babihabwaga ku giciro gito maze inyungu bakuragamo ikabafasha gukomeza gukora uwo murimo.

Farel yatangiye umurimo we mu Busuwisi yiyambitse umwambaro w'umwarimu woroheje cyane. Yagiye mu karere ka kure maze yitangira kwigisha abana. Uretse inyigisho zisanzwe yabagezagaho, yanakoranye ubushishozi maze atangira kujya abigisha ukuri kwa Bibiliya yiringira ko azashobora kugera ku babyeyi akoresheje abana. Hari bamwe bemeye ukuri yigishaga, ariko abapadiri barakomeje baza guhagarika umurimo we, maze bahagurutsa abaturage babaswe no gukurikiza imigenzo kugira ngo bawurwanye. Abapadiri babwiye abantu bati: "Buriya butumwa ntibushobora kuba ubutumwa bwiza bwa Kristo, kubera ko kububwiriza bitazana amahoro ahubwo biteza intambara."[245] Nk'uko byagenze ku bigishwa ba mbere, iyo Farel yarenganyirizwaga mu mujyi umwe yahungiraga mu wundi. Yagendaga n'amaguru ava mu mudugudu umwe ajya mu wundi, akava mu mujyi umwe ajya mu wundi, akihanganira inzara, imbeho n'umunaniro kandi aho yajyaga hose ubuzima bwe bwababaga buri mu kaga. Yabwiririzaga mu masoko, mu nsengero, ndetse rimwe na rimwe akabwiririza kuri ruhimbi muri za katederali. Rimwe na rimwe yasangaga urusengero rurimo ubusa nta bantu baje kumwumva, incuro nyinshi ibibwirizwa bye byarogowaga n'urusaku rw'abantu, no kumukwena maze bakamukurubana bakamukura ku ruhimbi. Incuro nyinshi yagiye afatwa n'abaturage bakamukubita kugeza yenda kuvamo umwuka nyamara yakomeje gukora umurimo we. Nubwo yanzwe kenshi, ntibyamubuzaga kwihangana akagaruka aho yagiriwe nabi, akabona imidugudu n'imijyi byahoze ari ibihome by'ubupapa bikingurira inzugi ubutumwa bwiza. Bidatinze, ya paruwasi imwe nto yari yaratangiriyeho umurimo we yaje kwemera ukwizera kuvuguruwe. Umujyi wa Morat n'uwa Neuchâtel nayo yitandukanyije n'imigenzo y'itorero ry'i Roma maze mu nsengero zaho bakuramo amashusho yarimo.

Farel yari yaramaze igihe kirekire yifuza kuzamura ibendera ry'Ubuporotesitanti i Geneve (Umurwa w'Ubusuwisi). Yibwiraga ko uwo mujyi uramutse uyobotse Ubuporotesitanti waba ihuriro ry'Ubugorozi mu Bufaransa, mu Busuwisi n'Ubutaliyani. Kubera uwo mugambi yari afite imbere ye, yari yarakomeje gukora imirimo ye kugeza ubwo imijyi myinshi n'imidugudu bihakikije biyobotse Ubuporotesitanti. Hanyuma yinjiye i Geneve aherekejwe n'umuntu umwe, ariko yemererwa kuhabwiriza ibibwirizwa bibiri gusa. Abapadiri bagerageje kumutereza ubutegetsi ngo bumufatire ibyemezo ariko biba iby'ubusa, maze baramuhamagarira

245 - Wylie, b.14, ch.3.

kwitaba inama y'abepisikopi. Baje muri iyo nama bitwaje imbunda zihishe mu makanzu yabo kuko bari biyemeje kumwica. Hanze y'icyumba cy'inama hari hateraniye abantu barakaye, bitwaje inkoni n'inkota kugira ngo baze kumuhitana naramuka abashije gucika abari mu nama. Ariko haje abacamanza bari kumwe n'abasirikare bitwaje intwaro maze baramukiza. Bibaye mu gitondo cya kare cy'umunsi wakurikiyeho, Farel n'uwo bari kumwe baraherekejwe babambutsa ikiyaga babageza ahantu hari umutekano. Uko ni ko umuhati we wa mbere wo kubwiriza ubutumwa i Geneve warangiye.

Ku nshuro ya kabiri, hatoranyijwe igikoresho cyoroheje. Hari umusore wagaragaraga ko acishije make ku buryo atanakiriwe neza n'abari incuti z'Ubugorozi. Ariko se umusore nk'uwo yabashaga gukora ahantu Farel yari yaramaganwe? Ni mu buhe buryo umusore wari ufite ubutwari n'ubunararibonye buke yajyaga gutsinda imiraba uwari umunyambaraga ukomeye n'intwari kumurusha yari yarahunze? "Si ku bw'amaboko, kandi si ku bw'imbaraga, ahubwo ni ku bw'Umwuka wanjye. Ni ko Uwiteka Nyiringabo avuga."[246] "Ahubwo Imana yatoranyije abaswa bo mu isi, ngo ikoze isoni abanyabwenge: kandi yatoranyije ibinyantege nke byo mu isi, ngo ikoze isoni ibikomeye." "Kuko ubupfu bw'Imana burusha abantu ubwenge; kandi intege nke z'Imana zirusha abantu imbaraga."[247]

Froment yatangiye umurimo we ari umwarimu w'ishuri. Ukuri yigishaga abana mu ishuri bagusubiragamo bari iwabo. Bidatinze ababyeyi bagiye baza kumva uko Bibiliya isobanurwa kugeza ubwo icyumba cy'ishuri cyuzuraga abantu benshi baje kumutega amatwi batuje. Isezerano Rishya n'izindi nyandiko byatangirwaga ubuntu kandi byageraga ku bantu benshi batatinyukaga kujya gutega amatwi izo nyigisho nshya ku mugaragaro. Nyamara hashize igihe gito gusa, Froment nawe yarahunze nyamara inyigisho yari yarigishije zari zashinze imizi mu ntekerezo z'abantu. Ubugorozi bwari bwaramaze gushinga imizi, maze bukomeza gukomera no kwaguka. Ababwiriza bajyaga bahagaruka maze bitewe n'umurimo wabo amaherezo uburyo bwo gusenga bwa giporotesitanti bushinga imizi i Geneve.

Ubwo Calvin (Kaluvini) yinjiraga mu mujyi wa Geneve nyuma yo kugenda ahantu henshi no guhura n'ingorane nyinshi, yasanze uwo mujyi waramaze kwemera Ubugorozi. Igihe yari mu nzira yerekeje i Basel avuye gusura bwa nyuma aho yavukiye, yasanze iyo nzira ya bugufi irimo ingabo z'umwami Karoli wa V (Charles V) maze biba ngombwa ko anyura inzira ikikiye ntinyure i Geneve.

Muri uko gusura Farel yabashije kubona ukuboko kw'Imana. Nubwo Geneve yari yaremeye ukwizera kuvuguruwe, hari hakiri umurimo ukomeye ugomba kuhakorwa. Ntabwo abantu biyegurira Imana nk'itsinda rigari ry'abantu ahubwo biba kuri buri muntu ku giti cye. Umurimo wo kugirwa mushya ugomba kugezwa mu mutima no mu ntekerezo kubw'imbaraga ya Mwuka Muziranenge, atari kubw'amategeko yashyizweho n'inama z'abantu. Nubwo abaturage b'i Geneve bari baranze ubuyobozi bw'i Roma, ntabwo bari biteguye gucika ku ngeso zari zarashinze imizi mu gihe cy'ubutegetsi bwa Roma. Gushyiraho amahame atunganye y'ubutumwa bwiza ndetse no gutegurira abo bantu gukora umurimo Imana yari ibahamagariye

246 Zekariya 4:6
247 1 Abakorinto 1: 27,25

ntibyari byoroshye.

Farel yari yiringiye ko Kaluvini yaba umuntu bashobora gufatanya muri uyu murimo. Mu izina ry'Imana, yarahije uwo yarahije uwo muvugabutumwa wari ukiri muto ko yaguma i Geneve kandi akaba ari ho akorera. Kaluvini byamuteye ubwoba asubira inyuma. Yari umuntu uvuga make kandi ukunda amahoro, bityo rero ahindishwa umushyitsi no gutinya gukorana n'umwuka wo kwiyemera, kuba ibyigenge ndetse w'amahane warangaga abaturage b'i Geneve. Intege nke z'ubuzima bwe ndetse n'akamenyero ko gushishoza byamuteye gushaka aho yaruhukira. Kubera ko yiringiraga ko azashobora gufasha umurimo w'ubugorozi akoresheje inyandiko, yifuzaga kubona ahantu hatuje kugira ngo yige maze ajye akoresha inyandiko bityo yigishe kandi akomeze amatorero. Ariko amagambo meza yavuzwe na Farel yayumvise nk'umuhamagaro uturutse ku Mana, maze ntiyatinyuka guhakana. Nk'uko yabivuze byasaga n'aho "ukuboko kw'Imana kurambuwe guturutse mu ijuru, kuramufata, kandi kumukomereza aho hantu yashakaga kuva adatindiganyije."[248]

Muri icyo gihe akaga gakomeye kari kagose umurimo w'abaporotesitanti. Imivumo ya Papa yari yibasiye umujyi wa Geneve kandi ibihugu by'ibihangange byari byiteguye gusenya uwo mujyi. Byajyaga gushoboka bite ko uyu mujyi muto wahangana n'ubushobozi bukomeye akenshi bwari bwarahatiye abami n'abami b'abami kubwumvira? Ni mu buhe buryo uyu mujyi wari kubasha gutsinda ingabo z'ibihangange ku rugamba byo ku isi yose?

Aho ubukristo bwarangwaga hose, abaporotesitanti bari bibasiwe n'abanzi bakomeye. Intambwe za mbere zo gutsinda Ubugorozi zari zaratewe maze Roma ihamagaza ingabo nshya yiringiye kurimbura Ubugorozi burundu. Muri icyo gihe hashyizweho umuryango w'Abayezuwiti (jesuits) bari abicanyi ruharwa, ntibagiraga icyo batinya, kandi nibo bari bakomeye mu bambari bose ba Papa. Abayezuwiti bari baratandukanye n'inzira yose ibahuza n'abandi bantu ndetse n'ibigirira umuntu akamaro, nta rukundo kamere rwabarangwagamo, imitekerereze myiza ndetse n'umutimanama byari byaracecekeshejwe burundu, nta tegeko na rimwe bubahaga cyangwa ngo bagirane isano iyo ariyo yose n'abandi usibye abo mu muryango wabo, kandi nta yindi nshingano bari bafite uretse iyo kwagura imbaraga zawo. Ubutumwa bwiza bwa Kristo bwari bwarashoboje ababuyobotse guhangana n'akaga no kwihanganira umubabaro, imbeho, inzara, umunaniro n'ubukene ndetse no kuzamura ibendera ry'ukuri igihe bari imbere y'imbago zo kubakandiramo kugeza bapfuye, imbere ya gereza ndetse n'imbere y'imambo zo gutwikirwaho. Kugira ngo Abayezuwiti barwanye abo bayobotse ubutumwa, bacengeje mu bayoboke babo umwuka wo gukabya (ubwaka) wabashobozaga kwihanganira ibyago byose ndetse no kurwanya imbaraga y'ukuri bifashishije intwaro zose z'ibinyoma. Kuri bo, bwari ubugome bukomeye cyane ku buryo batinyaga kubukora, nta bushukanyi bukaze batinyaga gukora ndetse nta no kwiyoberanya gukomeye gute batakoraga. Babaga bararahiriye kuba abakene no kwicisha bugufi iteka ryose, kandi byari umugambi wabo wateguwe neza ko bazagera ku bukungu no gukomera igihe birunduriye mu gikorwa cyo guhirika ubuporotesitanti no kongera kwimakaza ubutware bwa Papa.

248 -D'Aubigné, History of the Reformation in Europe in the Time of Calvin, b.9, ch.17.

Iyo wababonaga nk'abagize uwo muryango wabo, babaga bambaye umwambaro w'ubutungane, bagasura abari muri gereza ndetse no mu bitaro, bakita ku barwayi n'abakene bakavuga ko batandukanye n'iby'isi, kandi bakitwaza izina rizira inenge rya Yesu wajyaga hirya no hino akora ibyiza. Ariko iyo shusho y'inyuma y'ubuziranenge, akenshi yabaga ihishwemo imigambi mibisha kandi y'ubwicanyi. Ihame ry'ingenzi bagenderagaho ryari uko iyo umusozo mwiza ugezweho, inzira zanyuzwemo ntacyo zitwaye. Kubw'iri hame bakurikizaga, ntabwo kubeshya, kurahira ibinyoma no kwica byari ibyaha bibabarirwa gusa, ahubwo byari bitegetswe gukorwa mu gihe cyose bifitiye itorero inyungu. Binyuze mu buryo bwinshi bwo kwiyoberanya, Abayezuwiti bakoraga uko bashoboye bagacengera mu myanya y'ubutegetsi kugeza n'ubwo bazamutse bakaba abajyanama b'abami, kandi bagatunganya imiyoborere y'ibihugu. Bigiraga abagaragu kugira ngo babone uko baneka ba shebuja. Bashinze amashuri y'abana b'ibikomangoma n'abakomeye, amashuri y'abana ba rubanda rwa giseseka maze bagatoza abana b'Abaporotesitanti kubahiriza imigenzo y'ubupapa. Bakoreshaga uburyo bwose bwo gutera urujijo mu ntekerezo no gutwara intekerezo, bityo umudendezo ababyeyi bari baraharaniye bakemera no kumenerwa amaraso uba uhinduwe ubusa n'abana babo. Abayezuwiti bakwirakwiye mu Burayi mu buryo bwihuse, kandi aho bajyaga hose ubupapa bwarabyukaga.

Ku bwo kubaha ubushobozi burushijeho, hatanzwe itegeko risubizaho urukiko rukomeye rucira imanza abatemera amahame y'itorero gatolika. Nubwo muri rusange urwo rukiko rwangwaga urunuka ndetse no mu bihugu by'abagatorika, rwongeye gushyirwaho n'abatware bakorera papa, kandi amahano y'indengakamere atakorerwa ahagaragara yongera kujya akorerwa muri za kasho zo mu rwihisho. Mu bihugu byinshi, abantu ibihumbagiza, bakuwe mu myanya y'icyubahiro mu bihugu kandi bubashywe na rubanda nk'abantu b'inyangamugayo, abakomeye, intiti n'abize amashuri menshi, abapasitoro b'imbonera kandi bitanze, abantu bakunda igihugu kandi b'abanyamuhati, abanyabwenge, abahanzi b'abahanga n'abanyabukorokori bafite impano zitangaje baricwaga cyangwa bikaba ngombwa ko bahungira mu bindi bihugu.

Ubwo nibwo buryo Roma yakoresheje kugira ngo izimye umucyo w'Ubugorozi, ikure Bibiliya mu bantu maze ubujiji n'imigenzo byo mu Gihe cy'Umwijima byongere guhabwa intebe. Ariko kubw'imigisha y'Imana no kwitangira umurimo kw'abantu b'inyangamugayo yari yarahagurukije gusimbura Luteri, ntabwo Ubuporotesitanti bwasenyutse. Ntabwo Ubuporotesitanti bwakuye imbaraga zabwo ku gukundwa no gushyigikirwa n'ibikomangoma. Ibihugu bito cyane, ibihugu byoroheje by'ibinyantegenke nibyo byabaye ibihome bibukingira. Ubwo umujyi wa Geneve muto cyane wari uzengurutswe n'abanzi bakomeye bacuraga umugambi wo kuwurimbura; igihugu cy'Ubuholandi, aho gikora ku nyanja yo mu Majyaruguru, kikaba cyari gihanganye no kotswa igitutu na Esipanye yari ubwami bukomeye kandi bukungahaye kurusha ubundi bwose, nibwo Suwede yari ikennye kandi ifite imbaraga nke yagejeje Ubugorozi ku nsinzi.

Kaluvini yakoreye i Geneve mu gihe cy'imyaka igera kuri mirongo itatu, abanza kuhahanga itorero rikurikiza Bibiliya, maze akurikizaho guteza imbere Ubugorozi mu bindi bihugu by'Uburayi. Nk'umuntu wayobara abandi, ntabwo ibyo yakoraga

cyangwa inyigisho ze byaburagamo amakosa no kwibeshya. Ariko yari igikoresho mu kumenyekanisha ukuri kwari ingenzi cyane mu gihe cye, no gukomera ku mahame y'Ubuporotesitanti ayarinda imyemerere y'ubupapa yajyaga igaruka vuba, ndetse agakangurira amatorero yemeraga ubugorozi kugira ngo imibereho itunganye no kwicisha bugufi mu cyimbo cy'ubwibone no gusaya mu bibi byahawe intebe kubera inyigisho z'i Roma.

Ibitabo byinshi byaturukaga i Geneve ndetse n'abigisha maze bakajya kwamamaza inyigisho z'ubugorozi. Abatotezwaga bo mu bihugu byose bashakiraga amabwiriza, inama no guterwa ubutwari biturutse i Geneve. Umujyi wa Kaluvini wahindutse ubuhungiro bw'Abagorozi bahigwaga mu Burengerazuba bw'Uburayi. Kubera guhunga akaga kakomeje kubaho mu gihe cy'imyaka amagana menshi, abahungaga bazaga i Geneve. Babaga bashonje, barakomeretse, barambuwe amazu yabo, baramazweho abavandimwe babo, ariko bakiranwaga ubwuzu kandi bakitabwaho mu mutima w'impuhwe. Ubwo babonaga aho baba i Geneve, baheshaga umugisha uwo mujyi wabakiriye bakoresheje ubuhanga bwabo, ubwenge bwabo ndetse n'ubutungane bwabo. Abenshi mu babonye ubuhungiro i Geneve, bagiye basubira mu bihugu byabo bakajya kurwanya igitugu cya Roma. Uwitwa Yohani Knox, wari umugorozi w'intwari ukomoka muri Sikotilandi (Scotland), umubare munini w'abaharaniraga ko itorero ryakoroshya imihango rikora ahubwo rigashimangira imico mbonera, Abaporotestanti bo mu Buholandi n'abo muri Esipanye ndetse n'Abahugeno (Huguenots) bo mu Bufaransa bamurikishije itara ry'ukuri bakuye i Geneve kugira ngo ritamurure umwijima wari mu bihugu bavukagamo.

IGICE CYA 13

UBUHOLANDI NA SIKANDINAVIYA

Mu mizo ya mbere, ubutegetsi bw'igitugu bwa papa bwateje kwivumbagatanya gukomeye mu Buholandi. Mu myaka magana arindwi mbere y'igihe cya Luteri, abepisikopi babiri bari baroherejwe i Roma maze bakabasha kumenya imico nyakuri y'"Umurwa Utunganye," bari barashyize Papa ku karubanda bagira bati: "Itorero, Imana yarigize umwamikazi n'umugeni wayo, yarihaye ubukungu bukomeye kandi buhoraho bugenewe umuryango waryo, yaritanzeho inkwano itangirika, ndetse yarihaye ikamba n'inkoni y'ubutware bihoraho; . . . nyamara ibyo byiza byose wabyitambitse imbere ubyiyerekezaho nk'umujura. Wiyicaje mu ngoro y'Imana, kandi aho kuba umushumba, wahindutse nk'ikirura ku ntama; . . . ushaka ko twizera ko uri umwepisikopi w'ikirenga nyamara witwara nk'umunyagitugu . . . Aho kwemera kuba umugaragu w'abagaragu, nk'uko wiyita, uharanira kuba umwami w'abami. . . . Ibyo bisuzuguza amabwiriza y'Imana. . . . Mwuka Muziranenge ni we wubaka amatorero yose kugeza ku mpera z'isi. . .

Umurwa w'Imana yacu, ari nawo dutuyemo, ugera ku mpande zose z'ijuru; ndetse uruta umujyi abahanuzi bazira inenge bise Babuloni yiyitirira Imana, wikuza ukagera ku ijuru, ndetse wirata ko ubwenge bwawo budapfa, kandi amaherezo nubwo nta shingiro ufite, uvuga ko utigeze uyoba ngo ukore amakosa kandi ko ibyo bitanashoboka."[249]

Uko ibinyejana byakurikiranaga, hagiye hahaguruka abandi bagasubiramo aya magambo yo kwamagana imikorere ya Papa. Kandi abo bigisha ba mbere bambukiranyaga ibihugu bitandukanye bakamenywa n'abantu benshi maze bakaza kwinjira mu Buholandi, bari bafite imico nk'iy'abavugabutumwa b'Abavoduwa, ndetse bamamaje ubutumwa bwiza ahantu hose. Inyigisho zabo zakwirakwiye bwangu. Bibiliya yari mu rurimi rw'Abawalidense bayisobanuye mu Kidage. Baravuze bati : "Ifite akamaro kanini, nta magambo y'ubupfapfa arimo, nta migani y'imihimbano, nta bitagira umumaro cyangwa ibinyoma birangwamo uretse amagambo y'ukuri gusa. Bavuze ko ikomeye mu bice byayo byose ko ariko ushobora gusangamo umusokoro n'uburyohe by'ibyiza n'ibitunganye."[250] Uko ni ko mu kinyejana cya cumi na kabiri incuti z'ukwizera kwa mbere zanditse.

Noneho hatangiye itotezwa rikozwe na Roma; ariko mu gihe cyo gutwikwa no kwicwa urw'agashinyaguro, abizera barushagaho kwiyongera kandi bagahamya byimazeyo ko Bibiliya ariyo muyobozi mu by'idini utibeshya, kandi ko " nta muntu wagombye guhatirwa kwizera, ko ahubwo akwiriye kubyemezwa n'inyigisho."[251]

Inyigisho za Luteri zakiranywe ubwuzu mu Buholandi, maze abantu b'abanyamurava kandi b'indahemuka bahagurukira kubwiriza ubutumwa bwiza. Mu ntara imwe mu zigize Ubuholandi hakomotsemo uwitwa Menno Simons. Uyu yakuze ari umugatolika w'i Roma aza kurobanurirwa kuba umupadiri. Ntabwo yari asobanukiwe na Bibiliya kandi ntiyabashaga kuyisoma bitewe no gutinya ko yamuyobya akagwa mu buhakanyi. Umunsi umwe, yaje kugira gushidikanya ku nyigisho ivuga ibyo guhinduka kwa divayi n'umutsima mu maraso nyayo n'umubiri nyawo bya Kristo mu gihe cy'igitambo cya ukarisitiya, maze abifata ko ari ikigeragezo cya Satani. Yagerageje kwikuramo uko gushidikanya akoresheje gusenga no kwicuza ariko biba iby'ubusa. Yagerageje gucecekesha ijwi ry'umutima uhana ryamushinjaga akoresheje kujya mu bimurangaza, nyamara ntibyagira icyo bimara. Hashize igihe runaka, yaje gusoma Isezerano Rishya arifatanyije n'inyandiko za Luteri maze bimutera kwemera imyizerere y'Ubugorozi. Hashize igihe gito, mu mudugudu wari hafi ye, yaje kuhibonera umuntu wicwaga bakoresheje kumuca azize ko yabatijwe bundi bushya. Ibyo byateye Menno Simons kwiga Bibiliya ngo arebe ibyerekeye umubatizo w'abana bato. Ntiyashoboye kubona igihamya kibishyigikira kiri mu Byanditswe, ahubwo yasanze ko ahantu hose kwihana no kwizera ari byo byangombwa bisabwa kugira ngo umuntu abatizwe.

Menno yavuye mu itorero ry'i Roma maze yegurira imibereho ye umurimo wo kwigisha ukuri yari yarakiriye. Mu Budage no mu Buholandi hari haradutse itsinda ry'abaka bigishaga inyigisho zitumvikana kandi ziyobya, zibasiye gahunda no kugira

249 - Gerard Brandt, History of the Reformation in and About the Low Countries, b.1, p.6.

250 - Ibid., b.1, p.14.

251 - Martyn, vol.2, p.87.

imyitwarire iboneye kandi bagateza kwivumbagatanya n'ubwigomeke. Menno yabonye hakiri kare amahano ibyo bikorwa bizateza maze yamagana byimazeyo izo nyigisho ziyobya ndetse n'imikorere ya kinyamaswa y'abo baka. Nyamara hari abantu benshi bari baramaze kuyobywa n'abo baka ariko bari bararetse inyigisho zabo mbi. Hari hakiriho kandi n'abandi benshi bakomoka ku Bakristo ba kera, ari bo bari imbuto zavuye ku nyigisho z'Abawalidensi. Menno yakoreye muri ayo matsinda afite ishyaka ryinshi kandi agera ku nsinzi ikomeye.

Menno yamaze imyaka makumyabiri n'itanu akora ingendo ari kumwe n'umugore we n'abana babo, akihanganira imirimo iruhije no kwigomwa ndetse akenshi yabaga ari mu kaga gashobora guhitana ubuzima bwe. Yambukiranyije Ubuholandi n'amajyaruguru y'Ubudage, akibanda gukorera mu matsinda y'abantu bacishije bugufi, ariko abasha kuhamamara. Ubusanzwe yari intyoza mu kuvuga ariko nubwo atari yarize cyane, yari umuntu ufite ubupfura budacogora, yicisha bugufi kandi yoroheje mu myifatire ye, arangwa n'ubutungane buvuye ku mutima, mu mibereho ye agashyira mu bikorwa ibyo yigisha bityo bigatuma abantu bamugirira icyizere. Abayoboke be baje gutatanywa kandi barakandamizwa. Barababajwe cyane bitewe no kubitiranya n'abaka bayoborwaga na Munster. Ariko kubw'imirimo ya Menno abantu benshi barahindutse.

Nta handi hantu inyigisho z'Ubugorozi zakiriwe neza kuruta mu Buholandi. Mu bihugu bike cyane niho abayoboke babo bahuye n'itotezwa rikomeye cyane. Umwami Karoli wa V (Charles V) yari yarabuzanyije Ubugorozi mu Budage kandi yumvaga agomba gutwika abantu bose babuyobotse, ariko ibikomangoma birahaguruka bibera inkomyi icyo iryo terabwoba yategekeshaga. Ingoma ye yari ifite ububasha bukomeye mu Buholandi bityo atanga amategeko yikurikiranyije yo gutoteza abagorozi. Gusoma Bibiliya, kutega amatwi abayisoma cyangwa kubwiriza ibyayo, ndetse no kuvuga ibiyerekeye, byari ukwihamagarira igihano cyo kwicwa utwitswe. Gusengera Imana mu rwiherero, kudapfukamira ishusho, cyangwa kuririmba Zaburi nabyo byahanishwaga urupfu. Ndetse n'abantu barahiraga bakatura ko baretse ubuyobe bwabo nabo bacirirwagaho iteka ryo kwicishwa inkota iyo babaga ari abagabo; naho baba abagore bagahambwa bakiri bazima. Abantu ibihumbi byinshi bashiriye ku icumu mu gihe cy'ingoma ya Charles n'iya Filipo wa II. Umunsi umwe, abagize umuryango umwe bose bazanwe imbere y'abacamanza, maze babarega ko utajya mu misa ahubwo usengera mu rugo. Ubwo umwana muto muri bo yabazwaga ibyo bakorera mu rwiherero, uwo mwana w'umuhungu yarasubije ati: "Turapfukama, maze tugasenga Imana ngo imurikire intekerezo zacu kandi itubabarire ibyaha byacu. Dusengera umwami wacu kugira ngo ubwami bwe bugire amahoro n'uburumbuke kandi imuhe n'ubuzima bwiza. Dusabira abacamanza bacu ngo Imana ibarinde."[252] Iryo jambo ryakoze ku mitima ya bamwe mu bacamanza, nyamara ntibyabujije ko se w'uwo mwana n'umwe mu bahungu be bacirwa urubanza rwo gutwikwa.

Uburakari bukaze bw'abatotezaga bwanganaga n'ukwizera kw'abahorwaga ukwizera kwabo. Si abagabo gusa ahubwo abagore n'abakobwa nabo berekanaga ubutwari budasubira inyuma. "Abagore bahagararaga iruhande rw'inkingi

252 -Wylie, b.18, ch.6.

ihambiriyeho abagabo babo, kandi igihe umugabo yabaga ari gushya yihanganira umuriro, umugore we yamwongoreraga amagambo yo kumuhumuriza cyangwa akamuririmbira Zaburi yo kumukomeza." "Abakobwa b'inkumi baryamaga mu mva bagiye guhambwamo ari bazima nk'abari kwinjira mucyumba basanzwe bararamo; cyangwa bakajyanwa ku mambo no gutwikwa bambaye imyambaro yabo myiza cyane nk'abagiye mu birori by'ubukwe bwabo."[253]

Nk'uko byagenze mu gihe ubupagani bwashakaga kurimbura ubutumwa bwiza, amaraso y'Abakristo yari imbuto. Itotezwa ryatumye umubare w'abahamya b'ukuri wiyongera. Uko umwaka utashye, umwami yarushagaho kurakazwa no kutava ku izima kw'abantu maze akomeza umurimo we wo kubica urupfu rubi, ariko biba iby'ubusa. Biyobowe na William wakomokaga ahitwaga Orange, amaherezo Impinduramatwara yaje kugeza Ubuholandi ku kugira umudendezo wo gusenga Imana.

Mu misozi y'i Piyemo (Piedmond), mu bibaya byo mu Bufaransa no ku nkengero z'Ubuholandi, iterambere ry'ubutumwa bwiza ryatewe n'imivu y'amaraso y'abigishwa babwo. Ariko mu bihugu by'amajyaruguru ho, ubutumwa bwiza bwahinjiye nta nkomyi. Abanyeshuri bigaga i Wittenberg bari baragarutse mu gihugu cyabo, bazanye ukwizera kuvuguruwe mu bihugu bya Sikandinaviya. Icapishwa ry'inyandiko za Luteri naryo ryakwirakwije umucyo. Abaturage bo mu majyaruguru, bari abantu boroheje kandi b'intwari bazibukiriye gusaya mu bibi, ubwibone n'imigenzo y'i Roma maze bakira ubutungane, kwiyoroshya ndetse n'ukuri kwa Bibiliya guheshya ubugingo.

Uwitwa Tausen, wari umugorozi wo muri Denmark, yari umuhungu wabyawe n'umuturage woroheje. Ubwo yari akiri muto, uwo mwana yagaragaweho kuzaba umuhanga. Yagiraga inyota yo kwiga ariko ibyo ntibyamushobokera bitewe n'imibereho y'ababyeyi be, maze yinjira mu kigo cy'abihaye Imana. Ari muri icyo kigo, imibereho ye iboneye ifatanyije n'umwete we no kuba indahemuka kwe byatumye abayobozi be bamukunda cyane. Igenzura yakorewe ryagaragaje ko afite impano zizamuhesha gukorera itorero neza mu gihe kizaza. Hafashwe umwanzuro wo kumwohereza kwiga muri imwe muri za kaminuza zo mu Budage cyangwa mu Buholandi. Uwo musore w'umunyeshuri yahawe uburenganzira bwo kwihitiramo ishuri azigaho, ariko ntibamwerera ko yahitamo Wittenberg. Abo bihaye Imana bavugaga ko umunyeshuri w'itorero atagomba gushyirwa mu kaga yaterwa n'inyigisho z'uburozi z'ubuhakanyi.

Tausen yagiye i Kolonye (Cologne), yahoze ari indiri y'inyigisho z'ubupapa kugeza n'uyu munsi. Ahageze, bidatinze yaje kurambirwa inyigisho z'amayobera z'intiti zaho. Ahagana muri icyo gihe kandi niho yabonye inyandiko za Luteri. Yazisomanye amatsiko n'ibyishimo maze yumva yifuje cyane kwiyigishirizwa n'uwo mugorozi. Nyamara kugenza atyo byagombaga gutuma akoza isoni umuyobozi we mukuru mu kigo cy'abihaye Imana kandi bikaba byatuma ubufasha ahabwa buhagarikwa. Bidatinze yafashe icyemezo, ndetse nyuma y'aho aza kwiyandikisha ngo azige i Wittenberg.

Agarutse i Denmark, yasubiye mu kigo cy'abihayimana aho yabaga. Nta muntu

253 -Ibid., b.18, ch.6.

wakekaga ko yayobotse inyigisho za Luteri; nawe yirinda kumena ibanga rye, ariko agashishikarira kwerekeza abo babanaga ku kwizera kuboneye no kugira imibereho irushijeho gutungana ariko atabakomerekeje. Yabumburaga Bibiliya maze agatanga ubusobanurobwayo nyakuri, maze agasoza ababwiriza Kristo ko ari we gutungana k'umunyabyaha kandi akaba ari we byiringiro bye rukumbi by'agakiza. Uburakari bw'umuyobozi we bwabaye bwinshi cyane kuko yari yaramwiringiye cyane ko azaba umuntu w'intwari urwanirira Roma. Yahise akurwa mu kigo cy'abihaye Imana yarimo bamujyana mu kindi kandi bamufungira mu kumba gato aho bamucungiraga bugufi.

Kubera iterabwoba rikomeye ry'abari barindishijwe Tausen, abenshi mu bihaye Imana bavuze ko bayobotse Ubuporotesitanti. Tausen yari yaramenyesheje bagenzi be ukuri akoresheje kuvuganira nabo mu myanya yari hagati y'ibyuma by'icyumba yari afungiwemo. Iyo abo bapadiri bo muri Denmark baza kuba abahanga muri gahunda y'itorero ku byerekeye ubuhakanyi, bari gutuma ijwi rya Tausen ritongera kumvikana. Ariko aho kugira ngo bamufungire mu kuzimu, bamwirukanye mu kigo cy'abihaye Imana. Noneho nta mbaraga bari bafite. Itegeko ry'umwami ririnda abigisha inyisho z'amahame mashya ryari rimaze gutangwa. Tausen yatangiye kubwiriza. Insengero zari zimukinguriwe kandi imbaga y'abantu bazaga kumwumva. Abandi nabo babwirizaga ijambo ry'Imana. Isezerano Rishya risobanuwe mu rurimi rw'Ikidanwa, ryakwirakwijwe hose. Umwete wakoreshejwe n'abayoboke ba Papa wo gusenya umurimo wo [kwigisha amahame mashya] waje gutuma uwo murimo waguka, maze bidatinze Denmark itangaza ko yemera ukwizera kuvuguruwe.

Mu gihugu cya Suwedi (Sweden) naho, abasore bari baranyoye ku isoko y'i Wittenberg, bashyiriye amazi y'ubugingo abo mu gihugu cy'iwabo. Babiri mu bayobozi b'Ubugorozi mu gihugu cya Suwedi bitwaga Olaf na Laurentius Petri. Bari abahungu b'umucuzi w'ahitwa Orebro bari barigishijwe na Luteri na Melanchthon, kandi bari bafite umwete wo kubwiriza ukuri bari barigishijwe. Nk'uko Luteri yakoraga, Olaf yakanguraga abantu kubw'ishyaka rye no kumenya kuvuga neza, naho nk'uko Melanchthon yari ameze, Laurentius yari umuhanga, akagira gutuza no gutekereza cyane. Bombi bari bafite imico myiza, bafite ubumenyi bukomeye mu by'iyobokamana kandi barangwa n'ubutwari budacogora mu kwamamaza ukuri. Ntibabuze kurwanywa n'abo mu ruhande rwa Papa. Abapadiri b'abagatolika bahagurukije abaturage bajijwe kandi bakurikiza imigenzo. Incuro nyinshi Olaf Petri yagiye yibasirwa n'imbaga y'abantu, kandi akenshi akabacika benda kumuhitana. Ariko, abo Bagorozi bakundwaga kandi bakarindwa n'umwami.

Mu gihe cy'ubutegetsi bw'itorero ry'i Roma, abantu bari barazahajwe n'ubukene kandi barakandamijwe. Nta Byanditswe Byera bagiraga, kandi kubera kugira idini ishingiye ku bimenyetso bisanzwe no ku mihango bitagezaga umucyo ku bantu, basubiraga mu myizerere ishingiye ku migenzo n'imihango ya gipagani by'abakurambere babo bari abapagani. Igihugu cyari kigabanyijwemo amatsinda atandukanye ahanganye kandi amakimbirane yayo atarahwemaga yongeraga ubukene bukabije mu bantu bose. Umwami yiyemeza kuvugurura Leta n'itorero maze yakira neza abo bafasha bari bafite ubushobozi mu rugamba rwo kurwanya Roma.

Ubwo Olaf Petri yari imbere y'umwami n'abantu bakomeye bo mu gihugu cya

Suwedi, mu buryo bwa gihanga, yashyigikiye amahame kwizera kuvuguruwe gushingiyeho ahanganye n'abahanga bakomeye ba Roma. Yavuze ko inyigisho z'abapadiri zigomba kwemerwa gusa igihe cyose zihuje n'Ibyanditswe Byera; kandi ko amahame shingiro yo kwizera yanditswe muri Bibiliya mu buryo bwumvikana kandi bworoshye ku buryo abantu bose bashobora kuyasobanukirwa. Kristo yaravuze ati : "Ibyo nigisha si ibyanjye, ahubwo ni iby'Iyantumye,"[254] kandi na Pawulo yavuze ko nihagira ubwiriza ubundi butumwa butari ubwo yari yarakiriye, uwo muntu akwiriye kuvumwa.[255] Uwo mugorozi yaje kuvuga ati: "None se bishoboka bite ko abantu batinyuka kwihangira inyigisho zabo zihuje n'irari ryabo, maze bakazihatira abantu nk'aho ari ibintu bya ngombwa bihesha agakiza?"[256] Yerekanye ko amateka itorero rica nta gaciro afite igihe cyose arwanya amategeko y'Imana, maze ashikama ku ihame ry'ingenzi rya Giporotesitanti rivuga riti: "Bibiliya, kandi Bibiliya yonyine" ni yo shingiro ryo kwizera n'imikorere.

Nubwo izo mpaka zabereye ahantu hagaragara ko ari hato, zitwereka "imiterere y'abantu bari bagize ingabo z'Abagarozi. Ntabwo bari abantu batize, babiba amacakubiri kandi bajya impaka basakuza, ibirambu, bari abantu bize ijambo ry'Imana kandi bari bazi neza uburyo bwo gukoresha intwaro Bibiliya yabahaga. Urebye ku rwego rw'ubuhanga, ni bo bari ku mwanya wa mbere mu gihe cyabo. Iyo twitegereje ahantu harangwaga ubwenge hakomeye nka Wittenberg na Zurich, ndetse n'amazina y'abantu b'ibyamamare nka Luteri, Melanchthoni, Zwingli na Oecolampadius, twibwira ko bari abayobozi b'ubugorozi kandi ubusanzwe tubazi ho imbaraga zitangaje n'ubuhanga buhanitse. Nyamara abari babungirije ntibari bageze ku rugero rwabo. Reka tugaruke mu gihugu cya Suwede maze turebe amazina y'abantu baciye bugufi nka Olaf na Laurentius Petri- duhere ku bakuru tugana ku bigishwa babo- mbese tubona iki? . . . Tubona intiti ndetse n'abaminuje mu by'iyobokamana; abantu bari barasesenguye kandi bamenya neza ukuri k'ubutumwa bwiza kandi batsindaga biboroheye inyigisho z'ubucurabwenge n'iza politiki zigishwaga mu mashuri ndetse n'abanyacyubahiro b'i Roma."[257]

Umusaruro w'izo mpaka wabaye uw'uko umwami wa Suwede yemeye ukwizera kw'Abaporotesitanti, kandi nyuma y'igihe gito, inteko ishinga amategeko nayo ivuga ko ishigikiye uko kwizera. Olaf Petri yari yarasobanuye Isezerano Rishya mu rurimi rwo muri Suwede maze kubw'icyifuzo cy'umwami, abo bavandimwe bombi batangira gusobanura Bibiliya yose. Bityo, buba ubwa mbere abaturage bo muri Suwede maze babona ijambo ry'Imana mu rurimi rwabo rwa kavukire. Inama nkuru y'igihugu yategetse ko mu gihugu hose, abagabura b'ubutumwa bwiza bakwiriye gusobanura Ibyanditswe Byera kandi ko mu mashuri abana bose bagomba kwigishwa gusoma Bibiliya.

Umucyo w'agatangaza w'ubutumwa bwiza wirukanye bidasuburwaho umwijima w'ubujiji n'imigenzo. Igihugu kibonye umudendezo gikize ikandamiza rya Roma, gishobora kugera ku rugero ruhanitse no gukomera kitari cyarigeze kigeraho mbere.

254 Yohana 7:16
255 Abagalatiya 1:8
256 - Wylie, b.10, ch.4.
257 -Ibid., b.10, ch.4.

Igihugu cya Suwedi gihinduka kimwe mu bihome by'Ubuporotesitanti. Nyuma y'icyo gihe hashize imyaka ijana, ubwo hariho akaga gakomeye, iki gihugu gito kandi cyari gifite intege nke muri icyo gihe, nicyo cyagize ubutwari mu bindi bihugu by'Uburayi, maze gifasha Ubudage mu ntambara ikomeye yamaze imyaka mirongo itatu. Uburayi bw'amajyaruguru bwose, bwasaga n'ubugiye gusubira munsi y'igitugu cy'ubutegetsi bwa Roma. Ingabo za Suwede ni zo zashoboje Abadage gutsimbura abayoboke ba Papa, bituma abaporotestanti babona agahenge-- baba abakomoka kuri Kaluvini n'abakomoka kuri Luteri — ndetse no kugarura umudendezo wo gukurikiza umutimanama mu bihugu byari byaremeye inyigisho z'Ubugorozi.

IGICE CYA 14

ABAGOROZI B'ABONGEREZA BAKURIKIYEHO

Mu gihe Luteri yabumburaga Bibiliya itari yarigeze ihishurirwa abaturage bo mu Budage, Tyndale yakoreshejwe na Mwuka w'Imana maze nawe abigenza atyo mu Bwongereza. Bibiliya yari yarasobanuwe na Wycliffe akura mu rurimi rw'IkiLatini, ariko yarimo amakosa menshi. Ntabwo yari yarigeze icapwa, kandi inyandiko zayo zandikishijwe intoki zarahendaga cyane ku buryo zagurwaga gusa n'abakire cyangwa abakomeye. Byongeye kandi, kubera ko itorero ryari ryarazamaganye, ntabwo zari zarashoboye kugezwa ahantu henshi. Mu 1516, umwaka umwe mbere y'uko Luteri asohora inyandiko y'amahame yanditse, uwitwa Erasme yari yarasohoye Isezerano Rishya yasobanuye mu rurimi rw'Ikigiriki n'Ikilatini. Noneho ku ncuro ya mbere, Ijambo ry'Imana ryacapwe mu rurimi rw'umwimerere. Amakosa menshi yabonekaga mu nyandiko zasobanuwe mbere, noneho yari yakosowe kandi ubusobanuro bwarushagaho kumvikana neza. Iyo Bibiliya yatumye abantu benshi b'intiti bamenya ukuri neza, kandi ibyo biha imbaraga nshya umurimo w'Ubugorozi. Nyamara Ijambo ry'Imana ryari ritaramenyekana muri rubanda rwa giseseka. Tyndale yagombaga kurangiza umurimo watangiwe na Wycliffe ageza Bibiliya ku baturage b'igihugu cye.

Yari umwigishwa w'umunyamuhati kandi agashishikarira kumenya ukuri. Yari yarakiriye ubutumwa bwiza abukuye mu gusoma Isezerano Rishya ryasobanuwe na Erasme. Yabwirije ibyo yemera ashize amanga, akavuga ko inyigisho zose zigomba gusuzumishwa Ijambo ry'Imana. Ku byo Papa yavugaga ko itorero ryatanze Bibiliya kandi ko ari ryo ryonyine rikwiriye kuyisobanura, Tyndale yabivuzeho ati :"Mbese muzi uwigishije ibisiga uburyo bwo kubona umuhigo wabyo? Nuko rero iyo Mana niyo yigisha abana bayo bashonje uburyo bwo kubona Umubyeyi wabo mu Ijambo rye. Nuko rero, aho kuba ari mwe mwaduhaye Bibiliya, ahubwo ni mwe mwayiduhishe; ni mwe mutwika abayigisha, kandi iyo mubishobora, muba mwaratwitse Ibyanditswe Byera ubwabyo."[258]

Ikibwirizwa cya Tyndale cyakanguye abantu cyane, maze abantu benshi bemera ukuri. Ariko abapadiri bari bari maso, maze ataramara igihe gito avuye aho yabwiririzaga, abapadiri bashishikarira gusenya umurimo we bakoresheje ibikangisho no kumuvuga nabi. Inshuro nyinshi bageraga ku mugambi wabo. Tyndale yaravugaga ati :"Hakorwa iki?" "Mu gihe ndi kubiba imbuto ahantu hamwe, umwanzi asigara yangiza umurima w'aho namaze kuva. Sinshobora kubera hose icyarimwe. Yemwe! Iyaba Abakristo bari bafite Ijambo ry'Imana mu kanwa kabo, bajyaga gushobora kurwanya ababayobya. Kuko Bibiliya itariho, ntibyashoboka gukomereza abayoboke mu kuri."[259]

Noneho umugambi mushya waje kuzura intekerezo ze. Yaravuze ati: " Indirimbo za Zaburi zaririmbirwaga mu ngoro ya Yehova mu rurimi rw'Abisirayeli ubwabo, none se ntabwo ubutumwa bwavugirwaga muri twe mu rurimi rw'Abongereza? . . . Mbese itorero ryagombye kugira umucyo muke mu gihe cy'amanywa kuruta mu museke?. . . Abakristo bagomba gusoma Isezerano Rishya mu rurimi rwabo kavukire." Intiti n'abigisha b'itorero ntibabashije kuvuga rumwe. Bibiliya niyo yonyine ibashisha abantu kugera ku kuri. "Umuntu akomera kuri uyu mwigisha, undi nawe agakomera kuri uriya. . . Bityo, buri wese muri abo banditsi avuguruza undi. None se twatandukanya dute uvuga ukuri n'uvuga ibinyoma?. . . Ni mu buhe buryo?. . . Nta bundi buryo keretse dukoresheje Ijambo ry'Imana."[260]

Hashize igihe gito gusa, intiti y'umugatolika yiyemeje guhangana nawe maze iravuga iti :"Ibyiza ni uko twabaho tudafite amategeko y'Imana kuruta kutagira aya Papa." Tyndale yaramusubije ati : "Ndwanya Papa n'amategeko ye yose; kandi Imana nindindira ubuzima, mbere y'uko mfa, nzatuma umuhungu muto w'umuhinzi amenya byinshi ku Byanditswe Byera kukurusha."[261]

Umugambi yari ashishikariye wo kugeza ku baturage Ibyanditswe by'Isezerano Rishya risobanuye mu rurimi rwabo rwa kavukire, noneho yiyemeje kuwugeraho maze ahita atangira gukora uwo murimo. Amaze kwirukanwa iwe n'itoteza ryariho, yagiye mu murwa mukuru w'Ubwongereza (London), maze ahakomereza imirimo ye nta mbogamizi. Ariko nanone, ubugizi bwa nabi bw'abayoboke ba Papa bwatumye yongera guhunga. Byasaga n'aho nta hantu yaba mu gihugu cy'Ubwongereza maze yiyemeza gushakira ubuhungiro mu Budage. Aho mu Budage niho yatangiriye gucapisha Isezerano rishya mu Cyongereza. Incuro ebyiri zose, umurimo we wagiye uhagarikwa; ariko iyo yabuzwaga gucapira mu mujyi umwe, yajyaga mu wundi. Amaherezo yafashe inzira ajya i Worms ,aho mu myaka mike yari ishize, Luteri yari yahagaze imbere y'Inama nkuru y'abategetsi, maze ashyigikira ubutumwa bwiza. Muri uwo mujyi hari incuti nyinshi z'Ubugorozi, kandi Tyndale yahakomereje umurimo we nta mbogamizi. Bidatinze, ibitabo ibihumbi bitatu by'Isezerano Rishya byari birangiye gucapwa maze muri uwo mwaka hakurikiraho indi ngeri y'Isezerano Rishya.

Yakomeje imirimo ye abishishikariye kandi afite kwihangana. Nubwo abategetsi

---

258 - D'Aubigné, History of the Reformation of the Sixteenth Century, b.18, ch.4.
259 - Ibid.,b.18, ch.4.
260 -Ibid., b.18, ch.4.
261 -Anderson, Annals of the English Bible, p.19.

b'Ubwongereza bagenzuraga cyane ku mipaka y'igihugu cyabo, Ijambo ry'Imana ryagezwaga i London rinyuze mu nzira zinyuranye z'ibanga, maze ziza gukwirakwizwa mu gihugu cyose. Abayoboke ba Papa bakoze uko bashoboye ngo bazimangatanye ukuri nyamara ntibyabashobokeye. Igihe kimwe umwepisikopi w'i Durham yaguze Bibiliya zose zari zifitwe n'umuntu wazigurishaga wari incuti ya Tyndale, azigura afite umugambi wo kuzitsembaho, yibwira ko ibyo bizabera imbogamizi ikomeye umurimo. Ariko, ibyababaye bitandukanye n'ibyo, kuko amafaranga yatanze azigura yaguzwe ibikoresho byo gusohora ingeri nyindi nshya ya Bibiliya, kandi nziza kurutaho itarashoboraga gucapwa iyo ayo mafaranga ataboneka. Nyuma y'aho, ubwo Tyndale yafungwaga, yasezeraniwe kurekurwa ariko ari uko abanje kuvuga amazina y'abantu bamufashije kubona amafaranga yo gucapisha za Bibiliya ze. Yabasubije ko umwepisikopi w'i Durham ariwe wamufashije kuruta abandi bose; kuko igihe yaguraga ibitabo byari byasigaye ku mafaranga menshi, yamushoboje gukomeza afite ubutwari bwinshi.

Tyndale yaje kugambanirwa afatwa n'abanzi be, maze igihe kimwe afungwa amezi menshi. Amaherezo, kwizera yaje kuguhamisha kwicwa azize kwizera kwe, ariko intwaro yari yarateguye zashoboje izindi ngabo kurwana urugamba mu myaka amagana menshi yakurikiyeho kugeza na n'ubu.

Ubwo Latimer yari ahagaze ku ruhimbi, yashyigikiye ko Bibiliya ikwiriye gusomwa mu rurimi rwumvwa n'abaturage. Yaravuze ati : "Uwandikishije Ibyanditswe Byera ni Imana ubwayo. . .kandi ibyo Byanditswe bifatanyije ubushobozi no kubaho by'iteka ryose by'Uwabyandikishije. Yaba umwami, umwami w'abami, umucamanza ndetse n'umutware, nta n'umwe utagomba kumvira Ijambo ryera ry'Imana." Nimutyo twe kugendera mu nzira itemewe, ahubwo mureke Ijambo ry'Imana abe ari ryo rituyobora: nimutyo twe kugera ikirenge mu cy'abakurambere bacu, cyangwa ngo dushake gukora ibyo bakoze, ahubwo dushake ibyo bagombaga gukora."[262]

Incuti z'indahemuka za Tyndale ari zo Barnes na Frith, zarahagurutse kugira ngo zihagararire ukuri. Hakurikiyeho Ridley na Cranmer. Abo bakuru b'Ubugorozi b'Abongereza bari abantu baminuje, kandi abenshi muri bo, bari barigeze kubahwa kubw'ishyaka n'imibereho itunganye bagiriye mu itorero ry'i Roma. Kwitandukanya n'ubupapa kwabo byatewe cyane no kumenya amafuti yakorerwaga "mu murwa wera." Gusobanukirwa n'amabanga Ya Babuloni kwashyigikiye cyane ubuhamya batangaga bayirwanya.

Latimer yaravuze ati : "Ubu ndifuza kubaza ikibazo kidasanzwe." "Ni nde mwepisikopi ushishikaye cyane kandi akaba n'umuyobozi mukuru mu Bwongeraza bwose? . . . Ndabona mwese munteze amatwi ngo mwumve uko mwita. . . None mureke mubabwire: ni Satani. Ntabwo yigera asiba kuba muri diyosezi ye. Igihe cyose mumushaka, ntimuzamubura. Ahora ku murimo we. Mbarahiye ko mutazigera musanga yicaye ubusa adakora. . . Aho sekibi atuye hose, nta bitabo biharangwa, ahubwo usanga hacanywe amatara; nta Bibiliya ziharagera, ahubwo uhasanga ishapule! Nta mucyo w'ubutumwa bwiza uhasanga, ahubwo haba hari umucyo wa za buji ndetse no ku manywa y'ihangu! Apfobya umusaraba wa Kristo,

262 -Hugh Latimer, "Ikibwirizwa cya mbere yabwiririje imbere y›umwami Edward VI."

akerereza purigatori imara amafaranga mu mifuka y'abantu. Kwambika abambaye ubusa, abakene n'abamugaye birirengagizwa, hakitabwaho gutaka amashusho no kurimbisha amabuye! Imigenzo y'abantu n'amategeko yabo ni byo bihabwa intebe, naho iby'Imana n'Ijambo ryayo ryera bigashyirwa hasi. Iyaba abayobozi bacu bakuru bashishikariraga kubiba imbuto y'amahame atunganye nk'uko Satani ashishikarira kubiba urukungu!"[263]

Ihame rikuru abo bagorozi bagenderagaho - ari na ryo ryari ryarashyigikiwe n'Abawalidense, Yohani Huss, Wycliffe, Luteri, Zwingli n'abandi bifatanyije na bo- ryari ububasha butibeshya bw'Ibyanditswe Byera, byo mugenga wo kwizera n'imikorere. Bahakanye uburenganzira bwa papa, inama z'idini, abapadiri ndetse n'umwami ubwe, kubyerekeye kugenga umutimanama mu bijyanye n'idini. Bibiliya ni yo yari umugenga wabo kandi ibyo yigisha ni byo basuzumishaga inyigisho zose n'ibivugwa byose. Kwizera Imana n'Ijambo ryayo byakomezaga abo bantu b'imbonera, igihe batangaga ubuzima bwabo bapfira ku nkingi z'umuriro. Ubwo ibirimi by'umuriro byari biri hafi gucecekesha amajwi yabo, bagatwikwa, Latimer yabwiye bagenzi be baziraga ukwizera kwabo ati: "Nimukomere, ku bw'ubuntu bw'Imana, uyu munsi turakongeza itara mu Bwongereza, kandi nk'uko mbyiringira, ntirizigera rizima."[264]

Muri Sikotilandi, imbuto z'ukuri zabibwe na Columba na bagenzi be zari zitarahubanganye rwose. Kubera ko mu gihe cy'imyaka amagana menshi nyuma y'uko amatorero yo mu Bwongereza yemera kugengwa na Roma, amatorero yo muri Sikotilandi yo yakomeje kugira umudendezo wayo. Nyamara mu kinyejana cya cumi na kabiri, ubupapa bwahashinze imizi kandi nta kindi gihugu bwagaragajemo ubutware bukomeye nk'iki. Nta handi hari umwijima mwinshi nkaho. Nyamara hari hakigera imyambi y'umucyo yahuranyaga mu mwijima kandi igatanga icyizere cy'umunsi ugiye kuza. Aba Lollards baturukaga mu Bwongereza bazanye Bibiliya n'inyigisho za Wycliffe, bakoze byinshi mu gutuma abantu bamenya ubutumwa bwiza, kandi buri kinyejana cyagiye kigira abahamya bacyo n'abapfa bazize ukwizera kwabo.

Mu itangira ry'Ubugorozi bukomeye, nibwo habonetse inyandiko za Luteri maze hakurikiraho Isezerano Rishya ryasobanuwe na Tyndale mu Cyongereza. Inzego z'ubutegetsi bw'itorero zitigeze zibimenya, izo ntumwa zambukiranyaga imisozi n'ibibaya bucece, zigacana mu bantu amatara y'ukuri yari hafi kuzima muri Sikotilandi, kandi uwo mucyo ugasenya umurimo Roma yari yarakoze mu gihe cy'ibinyejana bine yayoboresheje igitugu.

Bityo imivu y'amaraso y'abarenganyirizwaga kwizera kwabo iha imbaraga nshya ubugorozi. Abakuru b'ubuyobozi bwa Roma bakangukiye hejuru kubw'akaga kari kugarije umurimo wabo, maze bafata bamwe mu bakomeye n'abubahwaga cyane muri Sikotilandi, baburiza inkingi z'umuriro barabatwika. Nyamara mu kugenza batyo, icyo babaga bakoze cyari ukubaka uruhimbi aho abo bahamya babaga bicwa bavugiraga amagambo yumvikanaga mu gihugu cyose, agatuma abantu bagira umugambi udatezuka wo kwiganzura ingoyi ya Roma.

263 Ibid., «Sermon on the Plough.»
264 -Works of Hugh Latimer, vol.1, p.xiii.

Hamilton na Wishart, bavutse ari ibikomangoma kandi bikanagaragarira mu mico yabo, hamwe n'abandi bigishwa benshi bicishaga bugufi, batanze ubuzima bwabo batwikirwa ku mambo. Ariko aho Wishart yatwikiwe, havuye umuntu utarabashaga gucecekeshwa n'ibirimi by'umuriro, uwari gukoreshwa n'Imana maze akarwanya ubwicanyi bwakorwaga n'ubupapa muri Sikotilandi.

Yohani Knox yari yaritandukanyije n'imigenzo n'ibihimbano by'itorero kugira ngo abone uko ahazwa n'ukuri kw'Ijambo ry'Imana; kandi inyigisho za Wishart zari zarashimangiye icyemezo cye cyo guca umubano hagati ye na Roma ,maze yifatanya n'abagorozi batotezwaga.

Ubwo yasabwaga na bagenzi be gufata inshingano yo kubwiriza, yarabitinye ahinda umushyitsi. Yaje kubyemera nyuma yo kumara iminsi yiherereye wenyine kandi bimuremereye mu mutima we. Ariko ubwo yari amaze kubyemera, yakoranye umurava udasanzwe, afite kumasha kutadohoka ndetse n'ubutwari budacogora mu gihe cyose yabayeho. Uwo mugorozi wari ufite umutima w'ubunyangamugayo ntiyatinyaga amaso y'abantu. Ibirimi by'umuriro byo gutwika abaziraga ukwizera kwabo byagurumanaga ahamukikije, nta kindi byamaze uretse gutuma ishyaka yari afite rirushaho gukomera. Nubwo intorezo y'umugome yari iri hejuru y'umutwe we, yagumye mu birindiro bye, arahangana, arwanana imbaraga nyinshi iburyo n'ibumoso ngo asenye gusenga ibigirwamana.

Igihe bamuzanaga imbere y'umwamikazi wa Sikotilandi, aho ubutwari bwa benshi mu bayobozi b'abaporotesitanti bwari bwaracogoreye, Yohani Knox we yahahamirije ukuri ashize amanga. Ntibashoboraga kumwigarurira bakoreheje amagambo ashyeshya, kandi ntiyadohokaga imbere y'ibikangisho. Umwamikazi yamureze ubuyobe. Umwamikazi yavuze ko Knox yari yarigishije abantu kuyoboka idini ryabuzanyijwe na Leta, kandi kubw'ibyo yari yarishe itegeko ry'Imana ritegeka ko abantu bose bakwiriye kubaha ibikomangoma bibategeka. Knox yasubije ashikamye ati: “Nk'uko idini nyakuri ridakomora imbaraga cyangwa ubushobozi ku bikomangoma byo ku isi, ahubwo ribikomora ku Mana yonyine, ni ko abantu batagomba kubaka idini yabo ku byifuzo by'ibikomangoma bibategeka. Kuko bijya bibaho kenshi ko ibikomangoma bidasobanukirwa n'idini nyakuri y'Imana kurusha abandi bose. . . Mbese iyo urubyaro rwa Aburahamu rwose ruba rwarayobotse idini ya Farawo, uwo bakoreye igihe kirekire, ndababaza Madamu, mbese mu isi yose hari kuba irihe dini? Cyangwa se iyo mu gihe cy'intumwa abantu bose bayoboka idini y'ibikomangoma by'Abaroma, mbese ni irihe yobokamana riba ryarabaye ku isi? . . .Kandi rero, Madamu, mubasha kwibonera ko abayoborwa batagomba guhatirwa gukurikira idini y'ababategeka nubwo bategetswe kubumvira.”

Mariya yaravuze ati: “Musobanura Ibyanditswe mu buryo bumwe, kandi nabo [abigisha b'Abagaturika b'i Roma] babisobanura mu bundi buryo. None nziringira nde kandi ni nde uzaba umucamanza?”

Uwo mugorozi yaramusubije ati : “Uziringire Imana, yo yavugiye mu ijambo ryayo yeruye, kandi ibirenze ibyo Ijambo ry'Imana rikwigisha, ntukabyizere utitaye ku muntu uwo ari we wese ubyigisha. Ijambo ry'Imana ubwaryo rirasobanutse; kandi nihagira ahagaragara kudasobanuka, Mwuka Muziranenge utajya yivuguruza, abisobanura neza kurushaho mu yindi mirongo kugira ngo hatagira gushidikanya gusigara keretse ku binangira bagashaka kuguma mu bujiji.”[265]

Uku ni ko kuri Umugorozi utaragiraga ubwoba yabwiye ukomeye w'ibwami, ashyize ubugingo bwe mu kaga. Ubwo butwari butangaje ni bwo yakomeje ngo agere ku mugambi we, agasenga kandi arwana urugamba rw'Umukiza kugeza ubwo Sikotilandi yibohoye ubutegetsi bwa Papa.

Mu Bwongereza, gushinga imizi k'Ubuporotesitanti nk'idini y'igihugu cyose byaragabanutse, ariko itoteza ntiryahagarara burundu. Nubwo nyinshi mu nyigisho za Roma zari zaranzwe, hari imihango yayo itari mike yakomeje kubahirizwa. Banze kwemera ubutware bw'ikirenga bwa Papa, ariko mu mwanya we bahashyira umwami ngo abe umuyobozi mukuru w'itorero. Mu mihango y'itorero hari hakiri uguhabana gukomeye n'ubutungane ndetse no kwicisha bugufi biranga ubutumwa bwiza. Ihame ry'ingezi rishyigikira umudendezo mu myizerere ryari ritarabacengera. Nubwo abayobozi b'Abaporotesitanti batigeze bitabaza kenshi gukora ubugome buteye ubwoba bwakoreshwaga na Roma mu kurwanya ubuhakanyi, uburenganzira bwa buri muntu bwo kuramya Imana nk'uko umutimanama we umutegeka ntibwitabwagaho. Abantu bose basabwaga kwemera amahame no kubahiriza uburyo bwo gusenga byategetswe n'itorero ryariho. Mu gihe cy'imyaka amagana menshi, abitandukanyaga n'itorero batotezwaga ku rwego rwo hejuru cyangwa urworoheje.

Mu kinyejana cya cumi na karindwi, abapasitoro benshi birukanywe mu myanya yabo. Abantu bari babujijwe kujya mu biterane by'amadini ayo ari yo yose uretse ibyemewe n'itorero, maze ubirenzeho agahanishwa ibihano bikomeye; gufungwa cyangwa kuba igicibwa. Abo bantu b'indakemwa batashoboraga kureka guterana ngo baramye Imana, byababaye ngombwa ko bashaka ahantu hihishe bateranira, mu nzu zicuze umwijima, ndetse mu bihe runaka by'umwaka bakajya mu mashyamba mu gihe cy'amasaha y'igicuku. Mu bwihisho bubatwikiriye bwo mu mashyamba, aho Imana ubwayo yabubakiye urusengero, abo bana bayo babagaba baratatanye kandi batotezwa, niho bateraniraga kugira ngo bagaragaze ibiri mu mitima yabo basenga kandi baririmba. Nyamara nubwo bari bafite uko kwigengesera kose, abenshi muri bo bagiriwe nabi cyane bazira kwizera kwabo. Inzu z'imbohe zuzujwemo abantu. Imiryango yagiye itatana. Abantu benshi birukanwa mu bihugu byabo, bahungira mu mahanga. Nyamara Imana ntiyigeze ihana abantu bayo, kandi itoteza ntiryari gushobora gucecekesha ubuhamya bwabo. Benshi bambukijwe inyanja bajya muri Amerika, aho bashinze imfatiro z'umudendezo mu miyoborere y'ubutegetsi no mu by'idini, ari wo wabaye ishema n'urukuta rukingira iki gihugu.

Nanone nk'uko byagenze mu bihe by'intumwa, itoteza ryatumye ubutumwa bwiza bwamamara. Ubwo Yohana Bunyan yari afungiwe muri gereza mbi cyane yari yuzuwemo n'abantu bakoze amarorerwa y'ubwicanyi, yahumekaga umwuka w'ijuru, kandi aho hantu ni ho yandikiye igitabo cye cyuzuye ishushanyamvugo, kivuga iby'umugenzi wagendaga ava mu gihugu cy'irimbukiro agana mu murwa wo mu ijuru. Mu gihe gisaga imyaka magana abiri, iryo jwi ryavuye muri kasho y'i Bedford ryagiye rivugana imbaraga ikora ku mitima y'abantu. Ibitabo bya Bunyan ari byo: “Urugendo rw'Umukristo” n'ikindi cyitwa, “Ubuntu busaze ku Munyabyaha Ruharwa”,[266] byayoboye abantu benshi mu nzira y'ubugingo.

265 -David Laing, The Collected Works of John Knox, vol.2, pp.281, 284.

266 “Pilgrim's Progress “and ”Grace Abounding to the Chief of Sinners”

Baxter, Flavel, Alleine, n'abandi bantu bafite impano kandi bize, ndeste b'inararibonye mu Bukristo bahagurukanye imbaraga nyinshi, barwanira ukwizera kwahawe abera. Umurimo wakozwe n'abantu bagizwe ibicibwa kandi batarengerwaga n'amategeko y'abategetsi b'iyi isi, ntuzigera uhagarara. Ibitabo byanditswe na Flavel ari byo; "Isoko y'Ubugingo" na "Uburyo bw'Ubuntu"[267] byigishije abantu benshi uburyo bwo kuragiza ubugingo bwabo Kristo. Igitabo cyanditswe na Baxter cyitwa: "Umupasitoro Uvuguruwe"[268] cyabereye umugisha abantu benshi bifuzaga ububyutse mu murimo w'Imana; ndetse n'ikindi gitabo cye cyitwa: "Ikiruhuko cy'Abera Kitazashira,"[269] cyakoze umurimo wacyo mu kuyobora abantu benshi ku "kiruhuko" kibikiwe ubwoko bw'Imana.

Hashize imyaka ijana, mu gihe cy'umwijima ukomeye mu by'umwuka, nibwo hadutse Whitefield na Wesleys bari abatwaramucyo bakorera Imana. Mu gihe cy'ubutegetsi bw'itorero, abaturage bo mu Bwongereza bari barasubiye inyuma cyane mu by'idini, ku buryo byari biruhije cyane kubatandukanya n'abapagani. Abayobozi mu by'idini bari baratwawe n'inyigisho y'iby'iyobokamana ryubakiye ku byaremwe, kandi izo nyigisho ni zo zari ziganje mu iyobokamana ryabo. Abo mu rwego rwo hejuru basuzuguraga iby'ubutungane, kandi bakirata ko bari hejuru y'icyo bitaga ubwaka mu by'ubutungane. Abo mu rwego rwo hasi bari bari mu bujiji bukabije kandi barirunduriye mu gukora ibibi mu gihe itorero nta butwari ryari rifite, cyangwa ukwizera byashyigikira umurimo wo kuvuga ukuri wari warasubiye inyuma.

Inyigisho y'ingenzi ivuga ibyo kugirwa intungane kubwo kwizera, yigishijwe na Luteri mu buryo bwumvikana, yari iri hafi kwibagirana burundu; kandi ihame rya Roma ryo kwiringira ko imirimo myiza ihesha agakiza ryari ryarahawe intebe. Whitefield n'abayoboke ba Wesley, bari bamwe mu bagize itorero ryariho, bo bashakaga kwemerwa n'Imana babikuye ku mutima, kandi bari barigishijwe ko bakwemerwa na Yo babikesheje imibereho izira amakemwa ndetse no kubahiriza amategeko y'idini.

Umunsi umwe, ubwo Charles Wesley yari arwaye kandi yumva ko ari hafi gupfa, yabajijwe ishingiro ry' ibyiringiro bye by'ubugingo buhoraho. Igisubizo cye cyabaye iki ngo :"Nakoresheje umuhati wose nshoboye nkorera Imana." Ubwo incuti ye yari yamubajije icyo kibazo yasaga n'itanyuzwe n'icyo gisubizo, Wesley yaribwiye ati: "Bite! Nonese imihati yanjye ntihagije kumpesha ibyiringiro? Urashaka guhindura ubusa imihati yanjye? Nta kindi kintu mfite nshobora kwiringira."[270]
Ngiryo icuraburindi itorero ryarimo, rigahisha impongano y'ibyaha, rikambura Kristo ikuzo rye, kandi rigakura intekerezo z'abantu ku byiringiro rukumbi by'agakiza, ari byo maraso y'Umucunguzi wabambwe.

Wesley na bagenzi be bari barageze ubwo basobanukirwa ko idini nyakuri rifite icyicaro mu mutima, kandi ko amategeko y'Imana akomatanya intekerezo, amagambo ndetse n'ibikorwa. Bamaze kwemera ko ubutungane bw'umutima ari

267 "Fountain of Life" and "Method of Grace"

268 Reformed Pastor

269 Saints' Everlasting Rest

270 --John Whitefield, Life of the Rev. Charles Wesley, p.102.

bwo ngombwa, kimwe n'inyifato iboneye mu mibereho y'umuntu igaragara inyuma, batangira kugendera mu mibereho mishya. Kubw'umuhati udakebakeba kandi basenga, bashishikariye gutsinda ibibi biranga umutima wa kamere. Babayeho ubuzima bwo kwiyanga, burangwa n'urukundo no kwicisha bugufi, bakubahiriza badakebakeba uburyo bwose batekerezaga ko bushobora kubafasha, kugira ngo babone icyo bifuzaga cyane ari cyo: bwa butungane bubahesha kwemerwa n'Imana. Ariko ntibabashije kubona icyo bashakaga. Umuhati wose bagiraga ntiwabashije kubakiza iteka bacirwagaho n'icyaha cyangwa ngo utsinde imbaraga zacyo. Urwo rugamba bariho nirwo Luteri yarwanye igihe yari mu kumba ke ahitwa Erfurt. Ni nacyo kibazo cyari cyarashenguye umutima maze akibaza ati: "Umuntu yashobora ate gutunganira Imana?" [271]

Umuriro w'ukuri kw'ijuru wari uri hafi kuzima ku bicaniro cy'Ubuporotesitanti, wagombaga kongera gukongezwa n'itara rya kera ryakongejwe n'Abakristo b'i Boheme ryamuritse mu gihe cy'imyaka myinshi. Nyuma y'Ubugorozi muri Boheme, Ubuporotesitanti bwari bwararibaswe na Roma. Abantu bose banze kureka ukuri byababaye ngombwa ko bahunga. Bamwe muri bo babonye ubuhungiro i Saxony, maze bahageze bakomera ku kwizera kwa kera. Mu rubyaro rw'abo bakristo niho haturutse umucyo wageze kuri Wesley na bagenzi be.

Yohani na Karoli Wesley bamaze kurobanurirwa kuba ababwirizabutumwa, boherejwe muri Amerika. Mu bwato bwari bubatwaye, harimo itsinda ry'abantu bakomoka ku bakristo b'i Boheme bahungiye i Saxony bitwaga aba "Moravians". Mu rugendo, ubwato bwahuye n'umuraba ukaze, maze Yohani Wesley abonye agiye gupfa, yumva nta byiringiro by'amahoro afitanye n'Imana. Ariko ibihabanye n'ibyo, Abadage barimo bo bagaragaje gutuza n'ibyiringiro Wesley atari afite.

Aravuga ati :"Mbere y'aho, nari nitegereje imyitwarire yabo idakebakeba. Kubwo kwicisha bugufi kwabo, bari bakomeje gutanga igihamya gihoraho, bakorera abandi bagenzi imirimo igenewe abagaragu itarabashaga gukorwa n'Umwongereza uwo ari we wese. Bayikoraga babyishimiye kandi nta gihembo, bavuga ko ari byiza ku mitima yabo irangwa n'ubwibone kandi ko Umukiza wabo ubakunda yabakoreye ibisumba ibyo. Buri munsi wose wababahaga amahirwe yo kugaragaza ubugwaneza butabashaga gukomwa mu nkokora no kubwirwa nabi. Iyo babaga basuzuguwe, bakubiswe cyangwa bateraganwe, bongeraga kubyuka maze bakigendera; ariko nta magambo yo kwinuba yarangwaga mu kanwa kabo. Noneho igihe cyari kigeze cyo kubagerageza ngo bigaragare ko batakigira ubwoba, ubwibone, umujinya n'umutima wo kwihorera. Ubwo bari bageze hagati batondagura indirimbo ya zaburi batangizaga umurimo wabo, inyanja yarazikutse umuraba ukaze uraza, umena igice cy'imbere cy'ubwato, uraburengera, amazi yisuka mu bwato biba nk'aho bwaguye imuhengeri. Abongereza batangiye kuvuza induru. Abadage bo bikomereje indirimbo mu mutuzo. Nyuma y'aho, naje kubaza umwe muri bo nti, 'Mbese nta bwoba mwari mufite?' Yaransubije ati, 'Oya. Ndashima Imana.' Nongeye kumubaza nti, 'Ariko se umugore wawe n'abana bawe ntibigeze bagira ubwoba?' Yansubije yitonze ati, 'Oya, abana n'abagore bacu ntibagira ubwoba bwo gupfa.'"[272]

271 Yobu 9:2

272 -Whitehead, Life of the Rev. John Wesley, p.10.

Ubwo twari tugeze i Savannah, Wesley yamaze akanya avugana n'aba bakristo b'aba Moravians, maze atangazwa cyane n'imyitwarire yabo ya gikristo. Igihe yandikaga avuga ibyabaye muri rimwe mu materaniro yabo y'iyobokamana yari ahabanye cyane n'imihango y'itorero ry'Ubwongereza itarangwamo ubushyuhe, yaravuze ati :"Kwiyoroshya gukomeye ndetse n'uburyo bifata mu masengesho byanteye gutekereza mbere y'imyaka igihumbi na magana arindwi yari ishize, maze ntekereza ko ndi muri rimwe muri ya materaniro ahatararangwaga imihango igaragara inyuma no gutwarwa by'indengakamere, ahubwo Pawulo, umuboshyi w'amahema, cyangwa Petero wari umurobyi ari bo bayayoboye, nyamara hakagaragara imbaraga ya Mwuka w'Imana."[273]

Ubwo Wesley yari agarutse mu Bwongereza, yaje kwigishwa n'umubwiriza w'umukristo w'umumorave (Moravian), maze abasha gusobanukirwa kurushaho iby'ukwizera Bibiliya yigisha. Yemeye ko agomba kureka kwishingikiriza ku mirimo ye ngo ibe yamuhesha agakiza, kandi ko akwiriye kwiyegurira burundu "Ntama w'Imana ukuraho ibyaha by'abari mu isi." Mu iteraniro ry'itsinda ry'abamorave ryaberaga i London, Luteri yanditse ubutumwa, asobanura impinduka Mwuka w'Imana akorera mu mutima w'uwizeye. Ubwo Wesley yategaga amatwi, ukwizera kwagurumanye mu bugingo bwe. Aravuga ati: "Numvaga umutima wanjye ususurutse mu buryo budasanzwe, numvise nkwiriye kwiringira Kristo wenyine kugira ngo mbone agakiza; kandi mfite ibyiringiro ko yankuyeho ibyaha byanjye bwite, ambatura itegeko ry'icyaha n'urupfu."[274]

Mu myaka myinshi yari amaze arangwa n'intege nke no kubura ihumure, imyaka yo kwiyanga gukomeye, imyaka yo kugawa no gucishwa bugufi, Wesley yari ataratezutse ku mugambi we wo gushaka Imana. Ubu rero yari amaze kuyibona, kandi ubuntu yahihibikaniye guhabwa akoresheje amasengesho, kwiyiriza ubusa, ibikorwa by'ubugwaneza no kwibabaza, yari yasobanukiwe ko ari impano idatangirwa " igiciro runaka cyangwa amafaranga."

Ubwo yari amaze gukomera mu kwizera Kristo, umutima we wagurumanagamo icyifuzo cyo kwamamaza hose ubutumwa bwiza bw'ubuntu Imana igirira abantu nta kiguzi. Yaravuze ati: " Isi yose nayifataga nka paruwasi nyobora, mu karere kose k'isi aho nashoboraga kuba ndi, nabonaga ko bikwiriye kandi bitunganye ndetse nkumva ari inshingano yanjye ko mbwira ubutumwa bwiza bw'agakiza abashaka kumva bose."[275]

Yakomeje imibereho ye idakebakeba kandi yo kwiyanga, ariko noneho atari yo shingiro ryo kwizera kwe ahubwo ari ingaruka yako; atari umuzi w'ubutungane, ahubwo ari amatunda yabwo. Ubuntu bw'Imana muri Yesu-Kristo ni ishingiro ry'ibyiringiro bya Gikristo, kandi ubwo buntu buzagaragarira mu kumvira. Ubuzima bwa Wesley yari yaburunduriye mu murimo wo kubwiriza ukuri gukomeye yari yarakiriye ari ko: – kugirwa intungane binyuze mu kwizera amaraso ya Yesu-Kristo akuraho ibyaha, n'imbaraga ihindura umutima ya Mwuka Muziranenge maze ikera imbuto mu mibereho ikurikiza urugero rwa Kristo.

273 -Ibid.,pp.11,12.
274 -Ibid., p.52.
275 -Ibid., p.74.

Whitefield na bagenzi ba Wesley bari barateguriwe umurimo n'umutima buri wese yari yaramaranye igihe kirekire umwemeza ko ashobora kurimbuka; bityo bibatera kubasha kwihanganira ibirushya nk'abasirikare beza ba Kristo. Bari baranyuze mu gusuzugurwa, gukwenwa n'itotezwa, haba mu gihe bari bakiri muri za kaminuza ndetse no mu itangira ry'umurimo. Bo ubwabo na bagenzi babo bake babakundaga, baje guhabwa izina ry'Abametodisiti n'abanyeshuri bagenzi babo batubahaga Imana babakwenaga. Muri icyo gihe, iryo zina ryafatwaga nk'irisuzuguritse, ariko ubu, ni iry'icyubahiro, rifitwe na rimwe mu matorero magari cyane mu Bwongereza no muri Amerika.

Nka bamwe mu bagize Itorero ry'Ubwongereza, bari bakomeye cyane ku mihango yaryo yo gusenga; ariko Umukiza yari yaraberetse mu Ijambo rye ikintu kirushije ibyo byose agaciro. Mwuka Muziranenge yabahatiraga kubwiriza ibya Kristo wababambwe. Imbaraga y'Isumbayose yahoranaga nabo mu murimo. Abantu ibihumbi byinshi baremezwaga kandi bagahinduka by'ukuri. Nuko rero, izo ntama zagombaga kurindwa ibirura. Ntabwo Wesley yatekerezaga gushinga itorero rishya, ariko yateranyirije abizeraga mu cyitwaga Ihuriro Metodisiti.[276]

Abo babwiriza baje guhura no kurwanywa mu buryo bukomeye kandi buteye ubwoba biturutse ku itorero risanzwe ririho; nyamara Imana mu bwenge bwayo yari yayoboye ibyagiye bibaho kugira ngo itume ivugura ritangira mu itorero ubwaryo. Iyo iryo vugurura rituruka hanze y'itorero, ntiryajyaga gucengera ngo rigere aho ryari rikenewe cyane. Ariko bitewe n'uko ababwiriza b'ivugurura bari abayoboke b'itorero kandi bakaba barakoreraga munsi y'ubuyobozi bw'itorero, aho bashoboraga kubona icyuho hose, ukuri kwakingurirwaga imiryango kukinjira aho kutari kubasha gukingurirwa mu bundi buryo. Bamwe mu bayobozi b'itorero bakanguwe mu bitotsi barimo, maze bahinduka ababwiriza b'abanyamwete muri za paruwasi zabo. Amatorero yari yaragushijwe ikinya n'imihango, yongeye kugarura ubuzima.

Mu gihe cya Wesley, kimwe no mu bindi bihe by'amateka y'itorero, abantu bafite impano zitandukanye bakoze umurimo bahawe. Ntabwo bagiye bahuza ku ngingo zose z'imyizerere, ariko bose bayoborwaga na Mwuka w'Imana, kandi bashyiraga hamwe mu kugera ku mugambi wari ushishikaje wo kugarurira Kristo imitima. Kutavuga rumwe hagati ya Whitefield n'abari mu ruhande rwa Wesley byageze ubwo bisa n'ibigiye guteza amacakubiri; ariko kubera ko bari abantu bigishijwe kwicisha bugufi mu ishuri rya Kristo, kwihanganirana n'urukundo byababateye kwiyunga. Ntibagiraga igihe cyo kujya impaka mu gihe ubuyobe n'ibicumuro byabaga gikwira hirya no hino kandi abanyabyaha baramanukaga berekeza mu nzira yo kurimbuka.

Abagaragu b'Imana bagendaga mu nzira iruhije. Abakomeye n'intiti bakoresheje imbaraga zabo babarwanya. Nyuma y'igihe gito, benshi mu bayobozi bakuru b'itorero bagaragaje ubugizi bwa nabi ku mugaragaro, maze inzugi z'insengero zirafungwa bityo ukwizera gutunganye n'abakwamamazaga birakingiranwa. Imikorere y'abayobozi b'itorero mu kubarwanyiriza mu magambo yavugirwaga ku ruhimbi yabyukije ibyari mu mwijima, ubujiji n'ibicumuro. Yohana Wesley yagiye asimbuka urupfu inshuro nyinshi kubw'ibitangaza by'ubuntu bw'Imana. Igihe imbaga

276 "Methodist Connection"

y'abantu barakaye bari bamuhagurukiye kandi bikaba byarasaga n'aho nta buryo bwo kubacika, umumarayika yaje mu ishusho y'umuntu maze amujya iruhande, ba bantu barihinze maze umugaragu w'Imana abona uko ava aho hantu hari akaga gakomeye ntacyo abaye.

Ubwo Wesley yavugaga iby'igihe kimwe yarokowe mu maboko y'imbaga y'abantu bari bafite uburakari bukaze bashaka kumugirira nabi yaravuze ati : "Ubwo twamanukaga umusozi tugenda mu nzira inyerera twerekeje mu mujyi, abantu benshi bakoraga uko bashoboye ngo bangushe hasi, bibwira ko nindamuka nguye hasi ntarabasha kongera guhaguruka ukundi. Nyamara sinigeze ngwaguza, ndetse habe no kunyerera gato kugeza ubwo nashoboye kubava mu nzara. . . Nubwo benshi bageragezaga kumfata ikora ry'ishati cyangwa imyenda kugira ngo bampirike, ntibashoboye kugira icyo bafata: umwe gusa ni we washoboye kumfata agakomeza agapfundikizo k'umufuka w'agakote kanjye gato, ariko mu kanya gato kaje gucika gasigara mu ntoke ze; naho akandi gapfundikizo k'umufuka warimo inoti y'amafaranga kacitse uruhande rumwe. Umugabo munini wari inyuma yanjye yampondaguye kenshi akoresheje inkoni y'icyuma. Iyo ayinkubita incuro imwe ku gatwe k'inyuma, byari kumugabaniriza umuruho wo gukomeza kunkubita. Nyamara uko yabanguraga inkoni ngo ankubite niko yahinduraga icyerekezo mu buryo ntamenya uko byagendaga kuko ntashoboraga guhindurira iburyo cyangwa ibumoso. . . Undi yaje yatanya mu bantu maze azamura ukuboko ngo kwe ngo ankubite ariko mu buryo butunguranye inkoni iragwa maze ankora ku mutwe avuga ngo: "Mbega imisatsi yoroshye inyerera afite!". . . Abantu babaye aba mbere mu kugira imitima ihindutse ni ibihanda byo mu mujyi, ababaga ku ruhembe rw'imbere rw'abagome mu byababagaho byose, kandi umwe muri bo yari umurwanyi wubahwa warwaniraga ku rubuga rw'abakirana.

"Mbega kwitabwaho gutangaje Imana ikoresha kugira ngo idutegurire gukora ibyo ishaka! Hashize imyaka ibiri banteye igice cy'itafari kimpusha urutugu. Ubwo kandi hari hashize umwaka ntewe ibuye hagati y'amaso. Mu kwezi gushize narakubiswe ndetse n'uyu mugoroba nakubiswe kabiri; ubwa mbere nari ntaragera mu mujyi, ubwa kabiri ni igihe nawusohokagamo; nyamara byose ntacyo byantwaye kubera ko nubwo umuntu yankubita mu gituza n'imbaraga ze zose, undi akankubita ku munwa n'imbaraga nyinshi ku buryo amaraso yahita ava, nababara nk'aho yankubise igikenyeri."[277]

Abametodisite b'icyo gihe - baba abizera basanzwe kimwe n'ababwiriza – bihanganiye gusuzugurwa no gutotezwa biturutse mu bagize itorero kimwe no mu n'abahakana ku mugaragaro ko atari abanyadini babaga barakajwe n'ibinyoma byavugwaga kuri abo Bametodisiti. Bajyanwaga imbere y'inkiko z'ubutabera. Izo nkiko zitwaga zityo ku izina gusa kuko ubutabera nyabwo bwari ingume mu nkiko z'icyo gihe. Akenshi bahohoterwaga n'ababatotezaga. Imbaga y'abantu b'abagome yavaga mu inzu ijya mu yindi, bangiza ibintu, bamenagura ibikoresho byo mu mazu, basahura ibyo bashaka byose kandi bagahutaza abagabo, abagore n'abana. Rimwe na rimwe, inyandiko zashyirwaga ku karubanda zikararikira abashaka kuza kumena amadirishya no gusahura amazu y'Abametodisiti bakagira aho bateranira mu gihe

277 -John Wesley, Works, vol.3, pp.297,298.

runaka. Uko kurenga ku burenganzira bwa muntu no kwica itegeko ry'Imana byaremerwaga bigakorwa nta muntu ubicyashye. Hakomeje gukorwa itoteza riteguwe neza ryibasiye abantu baregwaga ikosa rimwe gusa ryo guharanira kugarura abanyabyaha bari mu nzira y'irimbukiro bakaberekeza mu nzira y'ubutungane.

Ubwo Yohani Wesley yavugaga ku byo we na bagenzi be baregwa yaravuze ati : " Bamwe barega bavuga ko inyigisho z'abo bantu ari ibinyoma, ubuyobe kandi ari ubwaka; kandi ko batari barigeze bazumva kuva kera kugeza icyo gihe; ko yaba ari amahame ayobya, ubwaka n'ubupapa. Ibyo birego byose byamaze kujya binengwa uhereye mu mizi, kubera ko byagaragaye rwose ko buri cyiciro cy'ayo mahame ari inyigisho yumvikana y'Ibyanditswe Byera nk'uko bisobanurwa n'itorero ryacu. Kubw'ibyo rero, ayo mahame ntashobora kuba ibinyoma cyangwa ngo abe ayobya mu gihe Ibyanditswe ari iby'ukuri." "Abandi barega bagira bati, 'Inyigisho zabo ntizikebakeba rwose; batuma inzira ijya mu ijuru irushaho gufungana.' Kandi mu by'ukuri, iki ni cyo cy'ishingiro duhakana, (nk'uko ari cyo cyonyine cyigeze kubaho mu gihe runaka,) kandi mu buryo bw'ibanga ni nacyo gishamikiyeho ibindi byinshi cyane byigaragaza mu buryo butandukanye. Ariko se abo bantu baba batuma inzira igana ijuru irushaho gufungana kuruta uko Umwami wacu n'intumwa ze babigenje? Mbese amahame yabo yaba akomeye kuruta avugwa na Bibiliya? Muzirikane gusa amasomo make yumvikana: "Ukundishe Uwiteka Imana yawe umutima wawe wose, n'ubugingo bwawe bwose, n'imbaraga zawe zose, n'ubwenge bwawe bwose, kandi ukunde na mugenzi wawe nk'uko wikunda.'[278] 'Kandi ndababwira yuko ijambo ryose ry'impfabusa abantu bavuga bazaribazwa ku munsi w'amateka.' [279]'Namwe iyo murya, cyangwa munywa, cyangwa mukora ikindi kintu cyose, mujye mukorera byose guhimbaza Imana."[280]

"Niba inyigisho zabo zikomeye kurusha ibi byavuzwe n'Ibyanditswe, bakwiriye kubarwaho ikosa; ariko mu mitima yanyu muzi neza ko atari ko bimeze. Nyamara se ni nde wavuga ko yakoroshyaho n'akanyuguti kamwe ntabe agoretse ijambo ry'Imana? Mbese umuntu uwo ari we wese w'igisonga wabikijwe ubwiru bw'Imana yagaragara ko ari indakemwa mu gihe ahinduye umugabane umwe w'ibyo yabikijwe? —Oya. Ntacyo yagabanya, ntacyo yakoroshya. Ahubwo ategetswe kubwira abantu bose ati, 'Ntabwo nshobora gucisha bugufi Ibyanditswe kugira ngo bihuze n'ibibashimisha. Mugomba kuzamuka mugashyikira urwego bibasaba kugeraho bitaba ibyo mukazarimbuka by'iteka ryose.' Imvugo ya rubanda ni uko abo bantu badafite urukundo. Koko se nta rukundo bafite? Ni mu ruhe rwego? Mbese ntibagaburira abashonji kandi bakambika abambaye ubusa? 'Oya rwose; aho siho hari ikibazo: Ibi ntibabura kubikora rwose, ahubwo nta rukundo bagira mu gushyira mu gaciro! Batekereza ko nta muntu ushobora gukizwa uretse abagendera mu nzira nabo banyuramo."[281] Ugusubira inyuma mu by'umwuka kwari kwaragaragaye mu Bwongereza mbere yuko Wesley atangira umurimo we, cyane cyane byari ingaruka y'inyigisho zavugaga ko kwizera konyine ari ko guhesha agakiza kandi ko umuntu

278 Luka 10:27

279 Matayo 12:36

280 1Abakorinto 10:31

281 -Ibid.,vol.3, pp.152, 153.

adakeneye kumvira amategeko y'Imana.[282] Abantu benshi bemezaga ko Kristo yakuyeho amategeko y'Imana kandi ko kubera ibyo, bitakiri ngombwa ko Abakristo bayubahiriza; bakavuga ko uwizera yabatuwe mu "bubata bwo gukora imirimo myiza." Abandi nabo, nubwo bemeraga ko amategeko ahoraho iteka ryose, bavugaga ko bitakiri ngombwa ko abavugabutumwa basaba abantu kumvira ibyo amategeko asaba kubera ko abo Imana yatoreye guhabwa agakiza, bazabashishwa "n'imbaraga ntakumirwa y'ubuntu bw'Imana, bagakora ibitunganye kandi biboneye", mu gihe abagenewe kurimbuka bo, "badafite imbaraga ibabashisha kumvira amategeko y'Imana." Abandi nabo bizeraga ko "intore zidashobora kwigera zigwa ngo zive mu buntu cyangwa ngo zibure kwemerwa n'Imana." Byabagejeje ku mwanzuro uteye ubwoba wavugaga ko "mu by'ukuri ibikorwa bibi bakora, atari ibikorwa by'ibyaha, kandi ko bidakwiriye gufatwa ko bishe amategeko y'Imana, ndetse ko kubw'ibyo, badafite impamvu ibatera kwicuza ibyaha byabo cyangwa ngo babireke kubwo kwihana."[283]

Kubw'ibyo, ba bandi bashyigikiraga ukwizera gusa bakarwanya amategeko, bavuze ko na kimwe mu byaha bikomeye cyane, "gifatwa muri rusange ko ari ukugomera amategeko y'Imana, ko atari icyaha imbere y'Imana," igihe gikozwe n'umwe mu batowe, "kubera ko ibyo ari kimwe mu byangombwa kandi biranga abatowe, ko badashobora kugira icyo bakora kidashimishije Imana cyangwa se icyo amategeko abuzanya."

Ayo mahame ateye ubwoba ahuje rwose n'inyigisho zaje gukurikiraho z'abigisha bari ibirangirire ndetse n'abize iby'iyobokamana, zavugaga ko nta mategeko adahinduka ariho y'Imana, yo kuba urugero rw'ubutungane, ko ahubwo urugero rw'imico mbonera rugaragazwa n'umuryango mugari w'abantu ubwawo, kandi ko urwo rugero ruhora ruhinduka. Ibyo bitekerezo byose bikomoka kuri wa mwuka ukomeye – umwuka wa wa wundi, nubwo yari mu batuye ijuru batarangwagamo icyaha, yatangiye umurimo we wo gushaka gukuraho amategeko atunganye y'Imana.

Inyigisho zavugaga ko Imana ari yo igenera umuntu mu buryo budahinduka imico agomba kugira, zateye abantu benshi gutera umugongo amategeko y'Imana. Wesley yarwanyije byimazeyo ibinyoma by'abo bigisha barwanyaga amategeko y'Imana kandi yerekana ko amahame yabyaye izo nyigisho ahabanye n'ukuri kw'Ibyanditswe Byera. " Ubuntu bw'Imana buzanira abantu bose agakiza bwarabonetse." "Ngibyo ibyiza bishimisha Imana Umukiza wacu, ishaka ko abantu bose bakizwa kugira ngo babashe kumenya ukuri kuzuye. Hariho Imana imwe rukumbi kandi umuhuza wayo n'abantu ni umwe, na we ni umuntu, ni Kristo Yesu witanze agapfa ngo abere incungu abantu bose."[285] Mwuka w'Imana atangirwa ubuntu kugira ngo abashishe umuntu wese gushyikira uburyo bwose bumugeza ku gakiza. Bityo Kristo, we "Mucyo nyakuri," "yaje mu isi maze amurikira abantu bose."[285] Abantu bananirwa kwakira agakiza bitewe no kwanga impano y'ubugingo buhoraho babyihitiyemo."

Ubwo yasubizaga ku byavugwaga ko urupfu rwa Kristo rwakuyeho amategeko

282 Antinomian teaching
283 -McClinton and Strong, Cyclopedia, art.
284 Tito 2:11; 1Timoteyo2:3-6
285 Yohana 1:9

cumi y'Imana ndetse n'amategeko y'imihango, Wesley yaravuze ati: "Ntabwo Yesu yakuyeho amategeko yo mu mategeko cumi, kandi yashimangiwe n'abahanuzi. Ntabwo umugambi wamuzanye wari uwo kugira ngo akureho umugabane n'umwe w'ayo mategeko. Iri ni itegeko ridashobora guhinduka, iri tegeko ni umuhamya nyakuri 'ukomeye mu ijuru' . . .Aya mategeko yabayeho kuva isi ikiremwa, kandi ntiyari "yanditswe ku bisate by'amabuye," ahubwo yari yanditswe mu mitima y'abana b'abantu igihe bavaga mu biganza by'Umuremyi. Kandi nubwo inyuguti zanditswe n'urutoke rw'Imana ubu zaba zarangijwe cyane n'icyaha, ntabwo bishiboka ko zisibangana burundu mu gihe cyose tukimenya gutandukanya ikibi n'icyiza. Buri mugabane wose w'ayo mategeko ugomba kugenga abantu bose, no mu bihe byose, bidatewe n'igihe cyangwa ahantu, cyangwa indi mpamvu iyo ari yo yose ishobora guhinduka, ahubwo bitewe na kamere y'Imana na kamere y'umuntu ndetse n'isano itabasha guhinduka bafitanye.

"'Sinaje kuyakuraho, ahubwo naje kuyasohoza.' Nta gushidikanya, ubusobanuro bw'ibyo Yesu avuga aha (bitavuguruzanya n'ibyavuzwe byose mbere cyangwa ibyakurikiyeho), -ni ubu: Naje kuyasohoza ku rugero rwuzuye, ntitaye ku busobanuro ubwo ari bwo bwose bw'abantu: Nzanywe no gushyira ku mugaragaro ibihishwe byose kandi bitumvikanaga muri yo: nzanywe no gutanga ubusobanuro nyakuri kandi bwuzuye bwa buri mugabane wayo wose; kugira ngo nerekane uburebure, ubugari no kwaguka kose bya buri tegeko riyarimo, ndetse n'ubuhagarike n'ubujyakuzimu bwayo, ubutungane bwayo butagereranywa ndetse n'imbaraga y'iby'umwuka iri muri buri mugabane wayo."[286]

Wesley yavuze ubwuzuzanye ntakemwa bw'amategeko n'ubutumwa bwiza. Yaravuze ati: "Kubw'ibyo rero, hariho isano ikomeye hagati y'itegeko n'ubutumwa bwiza umuntu yasobanukirwa. Ku ruhande rumwe, amategeko ahora atuyobora ku butumwa bwiza kandi arabutwereka; ku rundi ruhande, ubutumwa bwiza buhora butwerekeza ku kurushaho gusohoza amategeko mu buryo nyabwo. Urugero ni uko amategeko adusaba gukunda Imana, gukunda bagenzi bacu, kugwa neza, kwicisha bugufi no kubonera. Twiyumvamo ko ibyo bintu tutabishoboye; ni ukuri ko ari ibintu "bidashobokera umuntu"; ariko tubona isezerano Imana idusezeranira ryo kuduha urwo rukundo rwayo, kuduhindura abicisha bugufi, abagwaneza n'intungane. Twishingikiriza kuri ubu butumwa bwiza, kuri iyo nkuru nziza; tugenzerezwa uko ukwizera kwacu kuri; kandi ubutungane bw'amategeko busohorezwa muri twe,' " kubwo kwizera Yesu Kristo. . ."

Wesley yaravuze ati : "Ku ruhembe rw'imbere rw'abanzi b'ubutumwa bwiza bwa Kristo, hari abantu bacira urubanza amategeko ku mugaragaro mu buryo bweruye, kandi 'bakayatuka;' bakigisha abantu kwica amategeko (guhindura ubusa, gukerensa, gukuraho inshingano afite), bitari itegeko rimwe gusa, ryaba iryoroheje cyangwa irikomeye cyane ahubwo yose uko yakabaye . . . Igitangaje cyane mu bintu byose biba muri ubu buyobe bukomeye, ni uko ababuguyemo bizera mu by'ukuri ko bubaha Kristo nyamara bakuraho amategeko ye, kandi ko berereza umurimo we ariko basenya inyigisho ye! Muby'ukuri bubaha Kristo nk'uko Yuda yabigenje ubwo yavugaga ati: "Mwigisha! Ndakuramutsa" maze akamusoma. Bityo, Kristo ashobora

286 -Wesley, sermon 25.

kubwira buri wese muri bo ati: 'Uragambanirisha Umwana w'umuntu kumusoma?' Kuvuga iby'amaraso ye maze ukamwambura ikamba rye no kwirengagiza umugabane uwo ari wo wose w'amategeko ye witwaje kwamamaza ubutumwa bwe, ntaho bitaniye no kumugambanira umusoma. Umuntu wese ubwiriza ibyo kwizera mu buryo bwirengagiza umugabane uwo ari wo wose wo kumvira, haba mu buryo buzigiye cyangwa butaziguye; umuntu ubwiriza ibya Kristo agambiriye gupfobya, cyangwa guhindura ubusa itegeko ryoroheje ryo mu mategeko y'Imana , bene uwo ntashobora gusimbuka icyo kirego."

Wesley yasubije abavugaga ko "kubwiriza ubutumwa bwiza bisimbura amategeko agira ati: " Ibyo turabihakana rwose. Ibyo ntibisimbura rwose umugambi wa mbere w'amategeko ari wo wo kwemeza umuntu icyaha, gukangura abasinziriye mu mwijima wa gihenomu." Intumwa Pawulo avuga ko, " itegeko rimenyekanisha icyaha," "kandi igihe cyose umuntu atari yemezwa icyaha, ntabwo azumva mu by'ukuri uko akeneye amaraso ya Kristo yeza ibyaha. . . Nk'uko Umukiza ubwe abibona 'abazima sibo bakeneye umuvuzi, keretse abarwaye.' Kubw'ibyo rero, ntibyumvikana guha umuganga abazima, cyangwa abibwira nibura ko ari bazima. Icyangombwa ni ukubanza ukabemeza ko barwaye; naho ubundi nibitaba bityo, ntibazigera bagushimira icyo wabakoreye. Mu buryo nk'ubwo rero, ntibyumvikana kuzanira Kristo abafite imitima mizima, itarigeze imeneka."[287]

Bityo, ubwo yabwirizaga ubutumwa bwiza bw'ubuntu bw'Imana, Wesley akurikije urugero rw'Umwami we, yaharaniraga "kwerereza amategeko ndetse no kuyubahisha." Mu budahemuka, yashohoje umurimo yahawe n'Imana, maze ahabwa amahirwe yo kwibonera imbuto zawo zishimishije. Ku iherezo ry'ubuzima bwe bwarambye bukageza mu myaka mirongo inani – yamaze imyaka isaga mirongo itanu mu murimo agenda hirya no hino, --abayobotse inyigisho ze bakabishyira ku mugaragaro babaririwaga mu gice cya miliyoni. Ariko binyuze mu mirimo yakoze, abantu benshi bari barazahuwe, bakurwa mu irimbukiro no guheneberezwa n'icyaha, maze bagera ku buzima burushijeho gutungana, ndetse n'abantu benshi bagize imibereho yimbitse kandi ikungahaye biturutse ku nyigisho ze, ntabwo abo bantu bose bazamenyekana kugeza igihe umuryango wose w'abacunguwe uzaba uteraniye mu bwami bw'Imana. Imibereho ye itanga icyigisho gifite agaciro katagerwa kuri buri Mukristo wese. Iyaba uko kwizera no kwicisha bugufi, ishyaka ridacogora ndetse n'ubwitange no kutizigama byaranze uyu mugaragu wa Kristo byagaragariraga mu matorero yo muri iki gihe.

287 -Ibid., sermon 35.

IGICE CYA 15

BIBILIYA N'IMPINDURAMATWARA MU BUFARANSA

Mu kinyejana cya cumi na gatandatu, impinduramatwara yashyikirizaga abantu Bibiliya ibumbuye yari yarashatse kwinjira mu bihugu byose by'Uburayi. Ibihugu bimwe byayakiranye umunezero nk'aho ari intumwa yoherejwe n'Ijuru. Mu tundi turere, ubupapa bwari bwarageze ku ntego ku rwego rukomeye mu kuyamagana ngo itahinjira. Bityo umucyo wo kumenya Bibiliya ndetse n'ubushobozi bwayo buzahura byasaga n'ibibujijwe kuhagera rwose. Mu gihugu kimwe, nubwo umucyo wahinjiye ntabwo umwijima wawumenye. Mu binyejana byinshi, ukuri n'ibinyoma byarwaniraga guhabwa icyicaro. Amaherezo ikibi cyaratsinze maze ukuri mvajuru kuramaganwa. "Uko gucirwaho iteka ni uku; ni uko umucyo waje mu isi, abantu bagakunda umwijima kuwurutisha umucyo."[288] Icyo gihugu cyari gisigaje gusarura imbuto z'ibyo cyari cyarahisemo. Mwuka w'Imana wakuwe mu bantu bari barasuzuguye impano y'ubuntu bw'Imana. Ikibi cyahawe intebe kirasagamba maze isi yose ibona umusaruro wo kwihitiramo kwanga umucyo.

Urugamba rwo kurwanya Bibiliya rwagiye rushozwa mu Bufaransa mu binyejana byinshi rwaje kugera ahakomeye rubyara Impinduramatwara. Ako kaga kadutse kari ingaruka y'uko Roma yakuyeho Ibyanditswe Byera. Rwabaye urugero rubi rutigeze rubaho rugaragarije isi yose imikorere ya politiki y'ubupapa. Urwo rugamba rwabaye ukwigaragaza kw'ingaruka inyigisho z'Itorero ry'i Roma zerekezagaho mu gihe cy'imyaka isaga igihumbi.

Gukuraho Ibyanditswe Byera kwabayeho mu gihe ubupapa bwari bufite ubutware byari byaravuzwe n'abahanuzi; kandi Umuhishuzi nawe yerekanye ingaruka ziteye ubwoba zagombaga kugwirira Ubufaransa ziturutse ku butegetsi bw'"umunyabugome."

Umumarayika w'Uhoraho yaravuze ati: "Kandi umudugudu wera bazamara amezi mirongo ine n'abiri bawukandagira. Abahamya banjye babiri nzabaha guhanura, bahanure iminsi igihumbi na magana abiri na mirongo itandatu, bambaye ibigunira. . . . Kandi nibarangiza guhamya kwabo, inyamaswa izazamuka ivuye ikuzimu, irwane nabo, ibaneshe, ibice. Intumbi zabo zizarambarara mu nzira nyabagendwa yo mu mudugudu munini, ni wo witwa i Sodomu no mu Egiputa mu mvugo y'umwuka, ari na ho Umwami wabo yabambwe. . . . Abari mu isi bazazishima hejuru, bazikina ku mubyimba, banezerwe, boherezanye impano, kuko abo bahanuzi bombi bababazaga abari mu isi. Iyo minsi itatu n'igice ishize, umwuka w'ubugingo uva ku Mana winjira muri bo, baherako barahaguruka: ubwoba bwinshi butera ababibonye."[289]

Ibihe bivugwa aha ari byo -" amezi mirongo ine n'abiri" n'"iminsi igihumbi na magana abiri na mirongo itandatu", byose ni bimwe, kandi byose bigaragaza igihe itorero rya Kristo ryagombaga kubabazwa n'ikandamizwa rituritse ku butegetsi

288 Yohana 3:19
289 Ibyahishuwe 11:2-11.

bw’itorero ry'i Roma. Imyaka 1260 yo gukomera k’ubupapa yatangiye muri 538 nyuma ya Kristo kandi yagombaga kurangira mu 1798. Icyo gihe (mu 1798) ingabo z’Ubufaransa zinjiye i Roma, zifata Papa ziramufunga maze aza kuzagwa mu buhungiro. Nubwo undi mupapa mushya yatowe bidatinze akamusimbura, ntabwo ubutware bukomeye ubupapa bwari bwaragize bwongeye kugira imbaraga nk'ubwo bwari bufite mbere.

Ntabwo gutotezwa kw’itorero kwakomeje mu gihe cy’iyo myaka 1260. Mu mbabazi z’Imana igirira ubwoko bwayo, yagabanyije ibyo bihe by'akaga gakomeye barimo. Ubwo Umukiza yavugaga iby'“amakuba akomeye” yari kuzagwirira itorero, yaravuze ati: “Iyo minsi iyaba itagabanijweho, ntihajyaga kuzarokoka n’umwe.”[290] Kubw'Impinduramatwara, itoteza ryarahagaraye bigeza mu mwaka wa 1798.

Ku byerekeye abahamya babiri, umuhanuzi yongera kuvuga ati: “Abo bahamya ni bo biti bya elayo bibiri n’ibitereko by’amatabaza bibiri, bihagarara imbere y’Umwami w’isi.” Naho umwanditsi wa Zaburi we yaravuze ati: “Ijambo ryawe ni itabaza ry’ibirenge byanjye, ni umucyo umurikira inzira yanjye.”[291] Abo bahamya bombi berekana Ibyanditswe Byera biri mu Isezerano rya kera n’Isezerano rishya. Ayo Masezerano yombi ni ibihamya by’ingenzi byerekana inkomoko no guhoraho iteka kw'amategeko y’Imana. Yombi kandi ni ibihamya by’inama y’agakiza. Ibigereranyo, ibitambo n’ubuhanuzi byo mu Isezerano rya kera, byose byerekezaga ku Mukiza wari kuzaza. Ubutumwa Bwiza n’Inzandiko byo mu Isezerano Rishya byose bivuga ibyerekeye Umukiza waje mu buryo buhuye rwose n'ubwo yari yarazuzwemo n'ibigereranyo n'ubuhanuzi.

“Bazahanura iminsi igihumbi na magana abiri na mirongo itandatu, bambaye ibigunira.” Mu mugabane munini w’iki gihe, abahamya b’Imana babaye mu mwijima. Ubutegetsi bwa Papa bwagerageje guhisha abantu ukuri kw’Ijambo ry’Imana maze bubashyikiriza abahamya b’abanyabinyoma kugira ngo bavuguruze ubuhamya bw'ijambo ry'ukuri. Ubwo Bibiliya yari yaraciwe n’ubutegetsi bw’itorero ndetse n'ubwa Leta; ubwo ibyo Bibiliya ihamya byari byaragoretswe, kandi hagakoreshwa imbaraga zose zishoboka kugira ngo abantu ndetse n’abadayimoni babashe guteshura intekerezo z'abantu ku kuri kwa Bibiliya; igihe abatinyukaga kuvuga iby’ukuri kwayo kwera bahigwaga, bakagambanirwa, bagatotezwa, bagafungirwa muri za kasho, bakicwa bazira ukwizera kwabo cyangwa bikaba ngombwa ko bahungira mu buvumo bwo mu misozi cyangwa mu myobo, -nibwo abahamya bakiranuka bahanuraga bambaye ibigunira. Nyamara bakomeje gutanga ubuhamya bwabo mu gihe cyose cy’imyaka 1260. Mu bihe bibi by’umwijima ukomeye hariho abantu b'indahemuka bakundaga ijambo ry'Imana kandi baharaniraga icyubahiro cyayo. Abo bagaragu b'indahemuka bahawe ubwenge, imbaraga n’ubushobozi bwo kuvuga ukuri kw'Imana muri iki gihe cyose.

“Kandi iyo umuntu ashatse kubagirira nabi, umuriro ubava mu kanwa, ukotsa abanzi babo: kandi nihagira umuntu ushaka kubagirira nabi, uko niko akwiriye kwicwa.”[292] Ntabwo abantu bashobora kwica amategeko y’Imana nkana ngo

290 Ibyahishuwe 24:22

291 Ibyahishuwe 11:4 ; Zaburi 119:105.

292 Ibyahishuwe 11:5

babure guhanwa. Ubusobanuro bw’iryo jambo rikomeye bugaragara mu gice cya nyuma cy’Ibyahishuwe: “Uwumva wese amagambo y’ubuhanuzi bw’iki gitabo, ndamuhamiriza nti, 'Nihagira umuntu uzongera kuri yo, Imana izamwongeraho ibyago byanditswe muri iki gitabo. Kandi nihagira umuntu ukura ku magambo y'igitabo cy’ubu buhanuzi, Imana izamukura ku mugabane wa cya giti cy’ubugingo no ku wa rwa rurembo rwera, byanditswe muri iki gitabo.”[293]

Iyo ni yo miburo Imana yatanze kugira ngo irinde abantu guhindura ibyo yavuze cyangwa yategetse uko bishakiye. Iyo miburo ikomeye ireba abantu bose bakoresha ubushobozi bwabo bakayobora abandi mu guha agaciro gake amategeko y'Imana. Iriya miburo yari ikwiriye gutera ubwoba no guhindisha umushyitsi abantu bavugana agasuzuguro ko kubaha Imana cyangwa kutayubaha ari ingingo idafite agaciro gakomeye. Abantu bose bashyira ibitekerezo byabo hejuru bakabirutisha iby’Imana yahishuye, abantu bose babasha guhindura ubusobanuro nyakuri bw’Ibyanditswe kugira ngo buhuze n'ibyo bishakiye, cyangwa bagamije kwisanisha n’isi, bishyiraho inshingano iteye ubwoba. Ijambo ryanditswe ndetse n'amategeko y'Imana bizasuzuma imico ya buri muntu kandi bizaciraho iteka abantu bose birengagiza iki gipimo kitibeshya kizerekana ko badashyitse.

“Ubwo bazaba barangije [bari kurangiza] gutanga ubuhamya bwabo.” Igihe ba bahamya bagombaga guhanura bambaye ibigunira cyarangiye mu 1798. Ubwo begeraga iherezo ry’igihe umurimo wabo wakorwaga mu mwijima, bagombaga kurwanywa n'imbaraga yagereranyijwe n'“inyamaswa yavuye ikuzimu.” Mu bihugu byinshi by’Uburayi ubutegetsi bwayoboraga mu itorero na Leta bwari bwaramaze imyaka amagana menshi bugengwa na Satani binyuze mu mikorere y'ubupapa. Ariko aha na none hongera kugaragara ukwiyerekana gushya kw’imbaraga ya Satani.

Kugumisha Bibiliya mu rurimi rutazwi no kuyihisha abantu byari byarabaye politiki ya Roma nyamara yabikoze yitwaje kwerekana ko iyubashye. Mu gihe cy’ubutegetsi bwa Roma, abahamya bahanuraga “bambaye ibigunira.” Ariko indi mbaraga (inyamaswa yavuye ikuzimu) yagombaga guhaguruka ikarwanya ijambo ry’Imana ku mugaragaro.

“Umudugudu munini” uwo abahamya biciwe mu tuyira twawo kandi akaba ari naho imirambo yabo yari irambaraye, ni Egiputa (Misiri) “mu mvugo y'umwuka.” Mu bihugu byose bivugwa n’amateka ya Bibiliya, nta gihugu cyageze ku rugero rwo guhakana kubaho kw'Imana nzima nka Misiri kandi kikarwanya amabwiriza yayo. Nta mwami watinyutse kwigomeka ku butegetsi bw’ijuru ku mugaragaro nk’umwami wa Egiputa. Igihe Mose yamuzaniraga ubutumwa, mu izina ry’Uwiteka, Farawo yasubizanyije ubwibone ati : “Uwiteka ni nde, ngo numvire ndeke Abisirayeli? Sinzi Uwiteka, kandi ntabwo narekura Abisirayeli.”[294] Ibi ni uguhakana Imana, kandi igihugu kigereranywa na Egiputa nacyo cyagombaga guhakana iby’Imana ihoraho itegeka kandi kikagaragaza umuwuka nk'uwo wo kutizera no kwigomeka. “Umudugudu munini” ugereranywa na none “mu mvugo y'umwuka” na Sodomu. Ugusayisha kwa Sodomu mu kwica amategeko y’Imana byagaragariye

293 Ibyahishuwe 22:18, 19

294 Kuva 5:2

by'umwihariko mu gukora ibyo bararikiye byose. Iki cyaha kandi cyagombaga kuba ikintu cy'ingenzi kiranga ishyanga ryagombaga gusohoza ibyo ibyanditswe byari byaravuze.

Bityo, nk'uko amagambo y'umuhanuzi yabivuze, mbere gato y'umwaka wa 1798 ubutegetsi bumwe bukomoka kandi bufite amatwara ya Satani bwagombaga guhaguruka kugira ngo burwanye Bibiliya. Kandi mu gihugu aho ubuhamya bw'abahamya b'Imana babiri bwajyaga gucecekesherezwa, niho hagombaga kugaragarira guhakana Imana nk'ukwa Farawo ndetse no gusayisha mu bibi nk'ukwa Sodomu.

Ubu buhanuzi bwasohoreye mu mateka y'Ubufaransa nk'uko bwahanuwe rwose mu buryo butangaje. Mu gihe cy'Impinduramatwara, mu 1793, "ku ncuro ya mbere nibwo abatuye isi bumvise inama iteraniyemo imbaga y'abantu bavukiye kandi bigiye mu gihugu cyateye imbere, kandi bavugaga ko bayobora kimwe mu bihugu bikomeye by'i Burayi, maze bavugira icyarimwe ko banze ukuri kw'ingenzi umutima w'umuntu wakira, ndetse bahakanira icyarimwe ibyo kwizera no gusenga Imana."[295] "Ubufaransa ni cyo gihugu cyonyine ku isi gifite amateka nyakuri yanditswe akiriho, agaragaza ko nk'igihugu Ubufaransa bwigometse ku mugaragaro ku Muremyi w'ijuru n'isi. Mu Bwongereza, mu Budage, muri Esipanye n'ahandi habayeho kandi hakomeje kubaho abantu batuka Imana benshi n'abatayizera benshi, ariko Ubufaransa ni cyo gihugu cyonyine mu mateka y'isi, binyuze mu itegeko ryashyizweho n'Inteko Ishinga amategeko yacyo, cyavuze ko nta Mana ibaho, kandi abaturage bose batuye umurwa mukuru wacyo ndetse n'abandi benshi hirya no hino baba abagore n'abagabo, barabyinye kandi baririmbana ibyishimo bavuga ko bemeye itangazwa ry'iryo tegeko."[296]

Ubufaransa bwerekanye imico yarangaga Sodomu. Mu gihe cy'Impinduramatwara, hagaragaye kwangirika kw'imico mbonera ndetse no gusayisha mu bibi bisa n'ibyazaniye kurimbuka imidugudu yo mu kibaya. Umwanditsi w'amateka agaragaza ibyo guhakana Imana no gusayisha by'igihugu cy'Ubufaransa nk'uko byavuzwe mu buhanuzi: "Mu mategeko afitanye isano ya bugufi n'amategeko apfobya iby'iyobokamana, harimo itegeko rigabanya agaciro k'ubumwe buba mu gushyingiranwa maze barigira amasezerano y'uburyo busanzwe bworoheje bw'igihe gito, aho abantu babiri bashobora kuyakomeza cyangwa bakayasesa uko bishakiye. Nyamara kandi ayo ni yo masezerano akomeye cyane abantu bashobora kugirana, kandi kudakuka kwayo kukaba ni ko gutuma umuryango mugari w'abantu urushaho gukomera.

. . .Niba abadayimoni bariyemeje gukora kugira ngo bavumbure uburyo bwasenya neza kurushaho ibintu byose bikwiye kubahwa, byiza kandi bihoraho mu mibereho y'ab'urugo, kandi bakanagira icyizere ko ikibi bagamije gukongeza mu bantu gishobora kuzahererekanywa mu b'ibisekuru bigenda bikurikirana, nta gahunda bahimbye yarusha izindi kugera kuri iyo ntego neza yaruta gutesha agaciro amasezerano y'abashakanye. . . . Uwitwa Sophie Arnoult wari umukinnyi w'ikimenyabose kubera ibintu bisekeje yavugaga, yavuze ko ukwishyingira

295 Sir Walter Scott, Life of Napoleon, vol.1, ch.17.

296 Blackwood's Magazine, November, 1870

k'umugabo n'umugore uko bishakiye kandi bagatana iko bishakiye ari "uguhurizwa mu busambanyi.""[297]

"Aho Umwami wacu yabambwe." Ibi byavuzwe n'ubuhanuzi nabyo byasohojwe n'Ubufaransa. Nta handi mu bindi bihugu higeze hagaragara umwuka wo kwanga Kristo nko mu Bufaransa. Nta handi mu kindi gihugu ukuri kwahuye no kurwanywa mu buryo bukomeye kandi bubi cyane nko muri icyo gihugu. Mu bikorwa Ubufaransa bwakoze byo gutoteza ababwirizabutumwa bwiza, bwabambaga Kristo binyuze mu gutoteza abigishwa be.

Uko imyaka amagana menshi yajyaga ikurikirana ni ko amaraso y'abera yajyaga amenwa. Mu gihe Abawalidense batangaga ubuzima bwabo bakicirwa mu misozi ya Piemont bazira "ijambo ry'Imana no guhamya Yesu Kristo," ni nabwo ubuhamya nk'ubwo bwo guhamya ukuri bwatangwaga n'abavandimwe babo b'Abalibigense (Albigenses) bo mu Bufaransa. Mu gihe cy'Ubugorozi, abagiye babuyoboka bishwe urw'agashinyaguro. Abami, ibikomangoma, abagore b'abakomeye ndetse n'abakobwa b'inkumi b'indatwa, bose bagiye bashimishwa no kureba umubabaro ukomeye w'abicwaga bazira Yesu. Abahugeno (huguenots) b'intwari, barwaniraga uburenganzira bwo kwemerera umutima w'umuntu ibyo ubona ko biwunogeye kandi byera kurusha ibindi, bavushijwe amaraso babicira ahantu henshi hari urugamba rukaze. Abaporotesitanti bafashwe ko ari ibicibwa ntibagira itegeko na rimwe ribarengera, hagatangwa ibihembo ku muntu uzabica bityo bagahigwa nk'inyamaswa.

"Itorero ryo mu Butayu," ari ryo ryari rigizwe n'abantu bake cyane bakomoka ku Bakristo ba kera bari barasigaye mu Bufaransa mu kinyejana cya cumi n'umunani, bihishaga mu misozi yo mu majyepfo kugeza ubwo bari bagikomeye ku kwizera kwa ba sekuru. Iyo bageragezaga guteranira hamwe nijoro, haba mu ibanga ry'umusozi cyangwa mu bihuru byitaruye abantu, bahigwaga n'abasirikare bakomeye maze bakabazana babakurubana bakabagira inkoreragahato mu buzima bwabo bwose. Abeza b'indakemwa n'intiti zo mu Bufaransa bambikwaga iminyururu, bakicirwa urubozo mu buryo buteye ubwoba hagati y'ibisambo n'abicanyi."[298] Abandi bagiriwe impuhwe, bicwaga barashwe amasasu nta mahane bateye kuko nta ntwaro bari bafite. Bagwaga bapfukamye basenga. Amagana menshi y'abasaza, abagore batagira kirengera, abana b'inzirakarengane bose batabwaga aho bari bateraniye ari imirambo. Iyo wanyuraga muri iyo misozi n'amashyamba, aho bari bamenyereye guteranira, ntibyababaga ari igitangaza gusanga "imirambo muri buri ntambwe enye kandi ibyatsi byabaye amaraso, indi mirambo imanitswe ku biti." Igihugu cyabo cyahinduwe umusaka n'inkota, intorezo n'umuriro gihinduka ubutayu bunini buteye agahinda." "Ayo marorerwa ntiyakozwe mu gihe cy'umwijima (ubujiji) ahubwo yakozwe mu gihe cy'imyaka y'ubujijuke mu Bufaransa ku ngoma ya Ludoviko wa 14 (Louis XIV). Muri icyo gihe ubuhanga buhanitse (science) bwari bwarateye imbere, ubwanditsi buri kuba gikwira, abanyadini b'ibwami n'abo mu murwa mukuru bari barize kandi ari intyoza bityo bakigaragazaho ubugwaneza n'urukundo."[299]

297 Scott, vol.1, ch.17.

298 Wylie, b.22, ch.6.

299 Ibid., b.22, ch.7

Ariko ubugome burenze ubundi mu bwigeze bubaho, igikorwa kibi cy'abadayimoni cyabayeho mu binyejana biteye ubwoba byabayeho, cyabaye iyicwa rya Mutagatifu-Barutoromayo (Bartholomew). Iyo abatuye isi bibutse ubwo bugome bw'indengakamere yagiriwe bahinda umushyitsi. Umwami w'Ubufaransa, yokejwe igitutu n'abapadiri n'abayobozi bakuru b'i Roma, maze atanga uburenganzira bwo gukora icyo gikorwa giteye ubwoba. Inzogera yavugijwe mu ijoro nta yandi majwi yumvikana, yabaye ikimenyetso cyo gutangira ubwicanyi. Abaporotesitanti ibihumbi byinshi bari basinziriye batuje bari mu ngo zabo, bishingikirije ku ndahiro y'umwami, baje gutungurwa basohorwa mu ngo zabo maze bose babamarira ku icumu.

Nk'uko Kristo ari we wari umuyobozi utagaragara w'ubwoko bwe igihe bwavaga mu bubata bwa Egiputa, ni ko na Satani yari umuyobozi utagaragara w'abakozi be muri ibyo bikorwa biteye ubwoba byo kurimbura abantu kandi bazira ukwizera kwabo. Mu mujyi wa Paris, ubwicanyi bwamaze iminsi irindwi, iminsi itatu ibanza yarimo uburakari bukomeye cyane. Ntibyagarukiye mu murwa mukuru gusa; ahubwo ku bwo itegeko ridasanzwe ry'umwami, byakomeje kwiyongera bigera mu turere twose no mu mijyi yose aharangwaga abaporotesitanti. Ntibitaga ku myaka y'ubukuru cyangwa ku gitsina. Ntibagiriraga impuhwe uruhinja rw'inzirakarengane cyangwa umuntu wameze imvi. Abanyacyubahiro na rubanda rwa giseseka, abasore n'abakuze, abagore n'abana bose basogotwaga kimwe. Uko kwicisha abantu inkota kwamaze amezi abiri gukorwa mu Bufaransa. Abantu ibihumbi mirongo irindwi b'indakemwa zo mu gihugu barapfuye.

"Ubwo inkuru z'ubwo bwicanyi zageraga i Roma, abayobozi bakuru b'itorero bagize ibyishimo byinshi. Umukaridinali w'i Lorraine yahembye intumwa yari izanye ubwo butumwa maze ayiha amakamba igihumbi. Imbunda yo mu ngoro ya Mutagatifu Ange (St. Angelo) yarumvikanye mu rwego rwo kubyishimira; kandi inzogera zumvikanira mu minara yose ya za kiriziya. Amatara yo hanze aracanwa maze ijoro rihinduka amanywa. Papa Gerigori wa 13 (Gregory XIII) akurikiwe n'abakaridinali n'abandi banyacyubahiro bo mu itorero, bakoze urugendo rw'umwiyerekano berekeza kuri kiriziya yitiriwe Mutagatifu Ludoviko (St. Louis) aho umukaridinali w'i Lorraine yaririmbiye Te Deum[300] . . . . Hacurishijwe umudari wo kwibukiraho ubwo bwicanyi, kandi i Vatikani hashyirwa ibishushanyo bitatu bikiharangwa n'ubu byerekena ubwo bwicanyi, aho umwami ari mu nama yo gukora ubwo bwicanyi, ndetse n'ubwo bwicanyi ubwabwo. Papa Geregori wa XIII yohereje umwami Charles ururabo rwa Roza rukozwe mu izahabu; kandi hashize amezi ane nyuma y'ubwo bwicanyi, . . . yaje gutega amatwi ikibwirizwa cyabwirijwe n'umupadiri w'Umufaransa, . . . wavuganye umunezero mwinshi n'ibyishimo avuga kubya 'wa munsi, igihe Papa yamenyeshwaga ya nkuru maze akagenda ashagawe agiye gushima Imana na kiriziya ya Mutagatifu Ludoviko." [301]

Umwuka wa Satani wakoresheje ubwicanyi bwabereye muri katederali yitiriwe mutagatifu-Bartholomew ni nawo soko y'ibyaranze Impinduramatwara. Bageze

300 Indirimbo yo gushima Imana. Iyi ndirimbo iririmbwa by›umwihariko mu itorero Gatulika rimwe mu mwaka, kuwa 31 Ukuboza.

301 Henry White, The Massacre of St. Bartholomew, ch.14, par.34.

ubwo bemeza ko Yesu-Kristo ari umubeshyi, kandi intero y'Abafaransa batemera Yesu yari iri ngo, "Honyora Ishyano," berekeje kuri Kristo. Ibitutsi bihangara ijuru ndetse n'ubugome bw'indengakamere byarajyaniranaga, kandi abagome bakomeye kuruta abandi, abicanyi ruharwa bahabwaga icyubahiro kuruta abandi. Muri ibi byose, Satani ni we wahawe ikuzo mu gihe Kristo urangwa n'ukuri, ubutungane n'urukundo rutikanyiza we yabambwe.

"Inyamaswa izazamuka ivuye ikuzimu, izarwana na bo, ibaneshe, ibice." Ubutegetsi butemera Imana bwatwaraga Ubufaransa mu gihe cy'Impinduramatwara ndetse n'ingoma y'iterabwoba, byashoje intambara irwanya Imana n'ijambo ryayo ryera mu buryo bukomeye abatuye isi batigeze babona. Inama Nkuru y'igihugu yakuyeho gusenga Imana. Ibitabo bya Bibiliya byarakusanyijwe maze bitwikirwa mu ruhame kandi hakagaragazwa kubisuzugura mu buryo bwose bushoboka. Amategeko y'Imana yararibaswe. Ibigo byacapaga za Bibiliya birafungwa. Ikiruhuko cya buri cyumweru cyashyizwe ku ruhande, gisimburwa no kwinezeza no gutuka Imana buri munsi wa cumi. Umubatizo no guhabwa ukarisitiya byarahagaritswe kandi ku marimbi hamanikwa amatangazo avuga ko urupfu ari ibitotsi by'iteka ryose.

Byavuzwe ko kubaha Imana atari itangiriro ry'ubwenge rwose ko ahubwo ari itangiriro ry'ubupfapfa. Gusenga kose mu by'idini kwarabuzanyijwe, hasigara kuramya umudendezo n'igihugu. "Umwepisikopi w'i Paris ushinzwe itegeko-nshinga yararikiwe kujya imbere agakora ikintu gikomeye kitigeze gikorerwa imbere y'abayobozi bakuru bo mu gihugu cyose.

. . . Bamuzanye imbere agenda yiyereka abari aho bose kugira ngo atangarize abari muri iyo nama ko iby'idini yari yarigishije imyaka myinshi, mu ngingo zabyo byose, byari amayere y'abapadiri atari afite ishingiro haba mu mateka cyangwa mu kuri kwera. Mu magambo aranguruye kandi asobanutse neza, yareruye avuga ko Imana yari yariyeguriye gusenga ntayo ibaho, maze mu gihe cyakurikiyeho yirundurira kuramya umudendezo, uburinganire, n'umuco mbonera. Amaze kuvuga atyo yarambitse ku meza ibimenyetso yari yambaye biranga Abepisikopi maze uwari uyoboye iyo nama nkuru amuhobera nk'umuvandimwe. Abapadiri benshi b'abahakanyi nabo bahise bakurikiza urugero rw'uwo muyobozi mukuru."[302]

"Abari mu isi bazazishima hejuru, bazikina ku mubyimba, banezerwe, bohererezanye impano, kuko abo bahanuzi bombi bababazaga abari mu isi." (Ibyah. 11:10) Ubufaransa bwimuye Imana bwari bwaracecekesheje ijwi ricyaha ry'abahamya bombi boherejwe n'Imana. Ijambo ry'ukuri ryari rirambaraye nk'intumbi mu nzira z'uwo mudugudu, kandi abantu bangaga ibyo amategeko y'Imana ababuza n'ibyo abasaba bari bishimye. Abantu batukaga Umwami w'ijuru ku mugaragaro. Nk'uko abanyabyaha bo mu gihe cya kera babigenzaga, basakuza bavuga bati: "Imana ntizi ibyo dukora! Ese ubundi Usumbabyose hari icyo yiyiziye?" [303]

Afite gushira amanga kuzuye gutuka Imana birenze ibyatekerezwa, umwe mu bapadiri bari bayobotse gahunda nshya yaravuze ati: "Mana niba ubaho, horera izina

302 Scott, vol.1, ch.17

303 Zaburi 73:11

ryawe ritutswe. Ndagusuzuguye! Dore uricecekeye; Ntabwo unatinyutse kohereza inkuba zawe! Ni nde nyuma y'ibi uzizera ko ubaho?"[304] Mbega uburyo ibi bisa n'ibyo Farawo yavuze ati: "Yehova ni nde ngo numvire ibyo avuze?" "Yehova simuzi!"

"Umupfapfa ajya yibwira ati: 'Nta Mana iriho."[305] Kandi Uhoraho avuga iby'abagoreka ukuri ati: "ubupfu bwabo buzagaragarira abantu bose."[306] Ubufaransa bumaze kwanga kuramya Imana nzima, "Uhoraho uri hejuru mu ijuru, Umuziranenge ubaho iteka ryose," ntibyatinze maze buza kumanuka bugera ku gusenga ibigirwamana, maze bagasenga ikigirwamanakazi cy'Ubwenge mu ishusho y'umugore w'inkozi y'ibibi. Iki kigirwamana cyaramirijwe mu nama nkuru y'igihugu, kandi kiramywa n'abategetsi bakuru ba Leta n'abahagarariye ubutabera! Umwanditsi umwe w'amateka yaranditse ati :"Umwe mu mihango wo muri iki gihe cy'ubupfapfa ntuzigera wibagirana kubera urujijo rwari ruvanze no kutubaha Imana. Imiryango y'icyumba cyaberagamo iyo nama yakinguriwe umutwe w'abaririmbyi wari ubanjirijwe na bamwe mu bayobozi b'imijyi binjiye bari ku mwiyereko bagenda baririmba basingiza umudendezo kandi, nk'umugambi wo kuramya kwabo wo mu gihe cyari gukurikiraho, bari bashagaye umugore wari utwikirijwe umwenda w'ubukwe, ndetse uwo mugore ni we bitaga ikigirwamanakazi cy'Ubwenge. Ubwo bari bamugejeje imbere y'abari aho, wa mugore yatwikuruwe mu cyubahiro cyinshi, maze yicazwa iburyo bwa perezida. Ubwo ni bwo muri rusange abantu bamenye ko ari umukobwa wari umubyinnyi w'indirimbo zisekeje z'icyo gihe. . . . Nk'umuntu uhagarariye rwose bwa bwenge baramyaga, abari mu nama nkuru y'Ubufaransa bahaye icyubahiro uwo mukobwa mu ruhame.

"Uwo muhango mubi kandi ukojeje isoni wamaze igihe runaka ukunzwe; kandi guhabwa icyicaro kw'ikigirwamanakazi cy'Ubwenge byajyaga byongera gusubirwamo kandi bikiganwa mu gihugu hose, bigakorerwa ahantu abaturage bashakaga kwerekanira ko bashyigikiye Impinduramatwara."[307]

Uwafunguye umuhango wo kuramya ikigirwamanakazi cy'Ubwenge yaravuze ati: "Bantu bashinga amategeko! Ubwaka bwavuye mu nzira maze ubwenge bubona icyanzu. Amaso y'ubwaka yanyenyezaga ntiyashoboraga kwihanganira ukurabagirana k'umucyo. Uyu munsi imbaraga y'abantu yateraniye munsi y'iki gisenge, kandi ku nshuro ya mbere, ijwi rivuga ukuri ryongeye kumvikana. Aho ni ho Abafaransa bizihirije gusenga nyakuri kumwe rukumbi - ari ko gusenga Umudendezo, gusenga Ubwenge (gushyira mu gaciro). Aho ni ho twemereje ibyifuzo bizahesha inshya n'ihirwe ingabo za Repubulika. Aho ni ho twasezereye ku bigirwamana bidafite ubuzima tubisimbuza Ubwenge, tuyoboka ya shusho ifite ubuzima, ari yo ifite agaciro gakomeye kurusha ibindi bibaho."[308]

Ubwo cya kigirwamanakazi cyagezwaga muri iyo Nteko, umuntu w'intyoza yagifashe ukuboko maze arahindukira areba iteraniro, aravuga ati: "Mwa bantu bapfa mwe, ntimuzongere guhindira umushyitsi imbere y'inkuba zidafite imbaraga

304 Lacretelle, History, vol.11, p.309; in Sir Archibald Alison, History of Europe, vol.1, ch.10.
305 Zaburi 14:1
306 2Timoteyo 3:9
307 Scott, vol.1, ch.17.
308 M.A. Thiers, History of the French Revolution, vol.2, pp.370, 371.

z'Imana abapadiri banyu baremye. Kuva uyu munsi ntimuzongere kugira izindi mana mwemera uretse Ubwenge. Dore ndabereka ishusho yayo y'igitangaza, kandi itunganye rwose. Niba mugomba kugira ibigirwamana, mujye mutambira iki cyonyine. . . Nimwubarare imbere y'Inama y'Umudendezo! Igitwikirizo cy'Ubwenge!

"Perezida amaze guhobera icyo kigirwamanakazi [umugore bari batwikiriye], bacyurije ifarashi y'akataraboneka, maze ikinyurana mu mbaga y'abantu bari aho ikijyana kuri katederari ya Notre Dame, kugira ngo gihabwe intebe y'Imana. Aho muri iyo katedarari, icyo kigirwamana barakizamuye bagishyira ku ruhimbi rurerure cyane maze abari aho bose baragisenga." [309]

Mu kanya gato, uwo muhango wakurikiwe no gutwikira Bibiliya mu ruhame. Igihe kimwe itsinda ry'abantu bashinzwe inzu ndangamurage binjiye mu cyumba cy'Inama batera hejuru bati : "Harakabaho Ubwenge!" Bari batwaye kandi ibisigazwa by'ibitabo byinshi batwitse, byarimo ibitabo byanditswemo indirimbo n'amasengesho, byarimo Isezerano rya Kera n'Isezerano Rishya. Perezida yavuze ko "itwikwa ryabyo ryakuyeho rwose ibikorwa by'ubupfapfa ibyo bitabo byari byarateye abantu gukora."[310]

Ubupapa ni bwo bwari bwaratangiye umurimo icyo gikorwa cyo guhakana Imana cyasozaga. Imitegekere ya Roma ni yo yazanye iyo mibereho, haba mu mibanire y'abantu n'abandi, mu bya politiki no mu by'idini, yashoraga igihugu cy'Ubufaransa mu irimbukiro. Iyo abanditsi bavuga ku marorerwa yatejwe n'Impinduramatwara bavuga ko agomba kubarwa ku bari ku ngoma muri icyo gihe ndetse no ku itorero. Binyuze mu butabera nyakuri, ayo marorerwa agomba kuryozwa itorero. Ubupapa bwari bwarashyize mu bitekerezo by'abami ibitekerezo bibi byo kwanga Ubugorozi, bakavuga ko ari umwanzi w'umwami, ko buteza amacakubiri azabangamira amahoro n'umutekano by'igihugu. Roma yakoreshaga ubu buryo kugira ngo itume ubutegetsi bw'umwami bugirira nabi abantu mu buryo bukomeye kandi bubakandamize.

Umwuka w'umudendezo wari warajyanye na Bibiliya. Ahantu hose ubutumwa bwiza bwari bwaragiye bwakirwa, intekerezo z'abantu zarakangukaga. Abantu batangiye kwibohora iminyururu yari ibaboheye mu bujiji, mu ngeso mbi, ndetse n'imigenzo y'ubupfapfa. Batangiye gutekereza no gukora nk'abantu bazima. Abami barabibonaga maze bagahinda umushyitsi kubera ubutegetsi bwabo bw'igitugu.

Ntabwo Roma yatinze gukaza ubwoba bwayo bushingiye ku ishyari. Papa yabwiye umusimbura w'umwami w'Ubufaransa ati: "Buriya bupfapfa [avuga inyigisho z'Ubuporotesitanti] ntibuzatera urujijo kandi ngo busenye idini, ahubwo bizateza urujijo ibikomangoma n'abakomeye, kandi busenye amategeko, gahunda n'inzego byo mu gihugu."[311] Mu myaka mike yakurikiyeho, intumwa ya papa yaburiye umwami ivuga iti: "Nyakubahwa, ntibakagushuke. Abaporotesitanti bazabangamira imigendekere myiza y'ubutegetsi ndetse n'iy'idini. . . Ingoma iri mu kaga kamwe n'ako itorero ririmo. . . Gutangira kw'imyizerere mishya uko byagenda kose bigomba

309 -Alison, vol.I, ch.10.
310 Journal of Paris, 1793, No.318. Quoted in Buchez-Roux, Collection of Parliamentary History, vol. 30, pp.200, 201.
311 G.de Félice, History of the Protestants of France, b.1, ch.2, par .8.

kuzana n'ubutegetsi bushya."[312]

"Abize iby'iyobokamana bashyiraga ibitekerezo bibi mu baturage bababwira yuko inyigisho za giporotesitanti "zishora abantu mu bintu by'inzaduka n'ubupfapfa; zikambura umwami urukundo rukomeye yakundwaga n'abo ayobora kandi zigasenya itorero na Leta." Uko ni ko Roma yashoboye gukoresha Ubufaransa maze bwanga Ubugorozi. "Gushaka gukomeza ingoma, kurinda abakomeye ndetse no gukomera ku mategeko ni byo byatumye ku nshuro ya mbere inkota yo gutoteza ikurwa mu rwubati mu Bufaransa." [313]

Abayobozi b'igihugu ntibabonaga ingaruka zizazanwa n'iyo politiki imeze ityo. Inyigisho za Bibiliya ziba zarashyize mu bitekerezo no mu mitima y'abantu amahame y'ubutabera, kwirinda, ukuri, gukora ibitunganye ndetse n'ubugira neza byo pfundo ryo kugubwa neza kw'igihugu. "Gukiranuka gushyira ubwoko hejuru." "Kuko ingoma ikomezwa no gukiranuka."[314] "Umurimo wo gukiranuka ni amahoro; kandi ibiva ku gukiranuka ni ihumure n'ibyiringiro bidashidikinywa iteka ryose."[315] Umuntu wumvira amategeko y'Imana, ntazabura kubaha no kumvira amategeko agenga igihugu cye. Umuntu wubaha Imana azubaha umwami mu migenzereze ye yose y'ibitunganye n'ibyemewe n'amategeko. Nyamara Ubufaransa bubabaje bwamaganye Bibiliya kandi buca abayikurikiza. Uko ibinyejana byakurikiranaga, abantu badakebakeba kandi b'inyangamugayo, abantu b'abanyabwenge kandi bakomeye mu mico mbonera, abantu bagize ubutwari bwo kwerurura bakavuga ibyo bizera kandi bakemera no kuba bapfa bazira ukuri, - ibinyejana byinshi bakoreshwaga uburetwa, bagatwikirwa ku mambo cyangwa se bagashengukira muri zasho. Abantu ibihumbi byinshi baboneye umutekano mu guhunga; kandi ibi byakomeje kubaho mu gihe cy'imyaka magana abiri na mirongo itanu kuva Ubugorozi butangiye.

"Haba harabayeho abantu bake cyane mu Bufaransa, batigeze babona abigishwa b'ubutumwa bwiza bahunga uburakari bukaze bw'ababatotezaga. Abahungaga bajyanaga ubwenge bwabo, ubukorikori n'ubuhanzi, ubucuruzi ndetse n'umwuka wo kugira gahunda byabarangaga ku rwego rwo hejuru, bityo bikajya gukungahaza ibihugu babonagamo ubuhungiro. Uko bunguraga ibindi bihugu bakoresheje izo mpano zabo, niko igihugu cyabo cyabaga kihagiriye igihombo. Iyo abirukanwe bose baza kuguma mu Bufaransa; iyaba muri iyo myaka magana atatu ubuhanga bwo gukora bw'abo bahunze bwarakoreshejwe mu guhinga ubutaka bw'Ubufaransa; iyaba muri iyo myaka ubuhanga bwabo mu bukorokori bwarakoreshejwe mu guteza imbere ibikorwa mu nganda; iyaba muri iyo myaka ubuhanga bwabo bwo guhanga ibintu bishya ndetse n'ubushobozi bwabo bwo gusesengura byarakoreshejwe mu gukungahaza ubuvanganzo bwo mu Bufaransa kandi bigateza imbere ubuhanga buhanitse; iyaba ubushishozi bwabo bwarayoboraga inama z'Ubufaransa kandi ubutwari bwabo bukarwanirira icyo gihugu mu ntambara cyarwanaga, ubupfura bwabo bugatunganya amategeko y'Ubufaransa, ndetse idini ya Bibiliya igakomeza

312 D'Aubigné, History of the Reformation in Europe in the Time of Calvin, b.2, ch.36.
313 Wylie, b.13, ch.4
314 Imigani 14:34; 16:12
315 Yesaya 32:17

ubwenge bwabo kandi ikayobora umutimanama w'abaturage, mbega ikuzo Ubufaransa bwari kuba bufite muri iki gihe! Mbega uburyo Ubufaransa buba bwarabaye igihugu cy'intangarugero mu bindi bihugu, gikomeye, kiguwe neza kandi cyuzuye umunezero!

"Nyamara urwikekwe rwuzuye ubuhumyi no kudakurwa ku izima rwirukanye ku butaka bw'Ubufaransa buri mwigisha wese w'iby'imico-mbonera, umuntu wese ushyigikiye gahunda ndetse n'umuntu wese w'indahemuka ushoboye kurengera ingoma. Ubufaransa bwabwiye abantu bajyaga kubuhesha kumenyekana n'ikuzo ku isi buti: "Nimuhitemo kimwe: gutwikwa cyangwa guhunga." Amaherezo kurimbuka kwa Leta kwageze ku musozo. Nta mutimanama wari ukiri mu bantu, nta kuyoboka Imana kwariho ngo bitere abantu gutwikwa; ndetse nta no gukunda igihugu byariho ngo bitere abantu gucibwa."[316] Ingaruka ziteye ubwoba zavuye kuri ibyo zabaye Impinduramatwara n'amahano yajyanaga nayo.

Guhunga kw'Abahugeno (Huguenots), kwateye Ubufaransa gusubira inyuma mu majyambere muri rusange. Imijyi yarangwagamo inganda zateraga imbere cyane yabaye umusaka; uturere twarumbukaga twongeye kuba ibigunda, gusubira inyuma mu by'ubwenge no guhenebera mu mico-mbonera ni byo byakurikiye igihe cy'amajyambere y'akataraboneka. Umujyi wa Paris wahindutse icumbi ry'abatindi nyakujya, ndetse bivugwa ko ubwo Impinduramatwara yatangiraga, abakene ibihumbi magana abiri bahoraga bateze amaboko basabiriza ngo umwami agire icyo yabaha. Muri icyo gihe igihugu cyari mu kaga gakomeye, Abayezuwiti bonyine ni bo bari baguwe neza; bategekanaga igitugu amatorero, amashuri, za gereza ndetse n'amato."

Ubutumwa bwiza bwajyaga kuzanira Ubufaransa igisubizo kuri ibyo bibazo mu mibanire y'abantu n'abandi n'ibya politiki byari bibujije amahwemo abayobozi b'idini, umwami n'abashinga amategeko ndetse bigashora igihugu mu mivurungano no gusenyuka. Ariko mu gihe Roma ari yo yagengaga igihugu, abantu bari baribagiwe inyigisho nziza z'Umukiza zo kwitanga n'urukundo rutikanyiza. Bari barageze aho batacyiyanga ngo bagirire abandi neza. Ntabwo abakire bari barigeze bacyahirwa ugukandamiza abakene bakoraga kandi abakene ntibagiraga uwabafasha muri uko gukandamizwa no guteshwa agaciro. Kwikunda kw'abakire n'abafite ubushobozi kwarushagaho kwiyongera kandi ibyo bigakandamiza rubanda. Mu myaka amagana menshi, umururumba no gusayisha mu bibi by'abakomeye byagiye bibyara ukunyunyuza imitsi ya rubanda rwa giseseka. Abakire bahemukiraga abakene maze abakene bakanga abakire.

Mu ntara nyinshi, amazu yari ay'abakomeye gusa, naho abandi baturage bakoresha amaboko bo mu nzego zitandukanye bakajya bayakodesha. Bene amazu bafataga abo baturage uko bashatse kandi bakabategeka kumvira ibyo babasabaga byose bikomeye. Umutwaro wo gutanga ibyabeshaho itorero na Leta wari ku mutwe w'amatsinda ya rubanda rugufi ndetse n'urucirirtse yakwaga imisoro n'abategetsi ba Leta ndetse n'abayobozi b'idini. "Kumererwa neza kw'abakomeye byari nk'itegeko ridakuka; naho rubanda rugufi n'abahinzi n'aborozi bashoboraga kwicwa n'inzara kandi abayibateje ntibabyiteho. Mu byo yakoraga byose, umuturage yari

316 Wylie, b.13, ch.20.

ategetswe gushyira imbere inyungu z'uwo abereye mu nzu. Imibereho y'abahinzi yari imibereho yo gukora ubudahwema kandi bagahorana ubukene budashira. Iyo batinyukaga kwivovota, bafatwaga nabi cyane. Inkiko z'ubutabera iteka zumvaga umukire gusa, umukene nta jambo yagiraga; abacamanza bari bemerewe guhabwa ruswa ku mugaragaro, kandi ibibi byakorwaga n'abategetsi byemerwaga n'amategeko bitewe na ruswa yari yarahawe intebe. Imisoro yakwaga abaturage ku ruhande rumwe ikakirwa n'ababitsi b'umwami, naho ku rundi ruhande ikakirwa n'ababitsi b'abayobozi b'idini. Nta na kimwe cya kabiri cyayo cyinjiraga mu isanduku ya Leta n'iy'idini. Asigaye yatagaguzwaga mu bikorwa byo gusayisha mu bibi binezeza gusa. Nyamara kandi abantu bakeneshaga bagenzi babo batyo, bo babaga barasonewe gutanga imisoro kandi bakagira n'uburenganzira bahabwa n'amategeko n'umuco ku byo Leta ibagomba byose. Amatsinda y'abari bitaweho yarimo abantu bagera ku bihumbi ijana na mirongo itanu mu gihe miliyoni nyinshi z'abantu babaga mu buzima bubabaje butagira ibyiringiro, baruhira abandi gusa."

Ibwami harangwaga n'imibereho ya gikire no kwaya gusa. Hagati y'abategetsi n'abaturage harangwaga ukutizerana. Abaturage babonaga ko ingamba zose Leta ifata ari gahunda zayo bwite kandi zirimo kwikunda. Mu gihe gisaga imyaka mirongo itanu mbere y'uko Impinduramatwara itangira, intebe ya cyami yari yicaweho n'umwami Ludoviko wa 15 (Louis XV), warangwaga no kutagira icyo yitaho kandi wabashwe n'irari ndetse no muri ibyo bihe bibi. Kuba igihugu cyari kiyobowe n'agatsiko gato k'abantu basayishije mu bibi kandi b'abagome, hakabaho na rubanda rugufi rwashegeshwe n'ubukene n'ubujiji, Leta ikaba yari ifite ibibazo by'ubukungu ndetse n'abaturage bakaba bari bararakaye cyane, ntabwo byasabaga amaso ya gihanuzi ngo umuntu abone akaga gakomeye kendaga kubaho. Ku miburo abajyanama be bamuhaga, umwami yari afite akamenyero ko gusubiza ati: "Mugerageze gutuma ibintu bikomeza kugenda neza igihe cyose nkiriho; ubwo nzaba maze gutanga, bizabe uko bishatse." Kwinginga umwami bamubwira ko ivugurura rikenewe byabaye iby'ubusa. Yabonaga ibibi byugarije ingoma ye ariko nta butwari n'imbaraga yari afite byo kubirwanya. Amakuba yari ategereje kugwirira Ubufaransa yagaragariraga mu gisubizo cy'Umwami cyerekanaga ko ntacyo yitayeho kandi yikanyiza agira ati: " Ishyano rizagwa nyuma yanjye!"

Ku bwo gukoresha ishyari ry'abami ndetse n'amatsinda yabaga ari ku butegetsi, Roma yari yarabateye kugumisha abaturage mu buretwa. Yari izi neza ko ibyo bizatuma Leta icika intege, kandi igakoresha ubwo buryo igambiriye kugumisha abategetsi na rubanda mu buretwa bwayo. Muri politiki yayo yo kureba kure, Roma yabonaga ko kugira ngo ishyire abantu mu bubata neza, iminyururu yagombaga kushyirwa mu mitima y'abantu; kandi ko uburyo bwiringiwe bwo gutuma badacika ubwo bubata ari ukubima umudendezo. Guhenebera mu mico-mbonera ni byo byabaye ingaruka ikomeye cyane iruta incuro igihumbi umubabaro wo ku mubiri watejwe n'iyo politiki. Abantu bari barambuwe Bibiliya, maze bashorwa mu nyigisho z'imyizerere idafashije no kwikunda. Bazimangataniye mu bujiji, mu migenzo idafite ishingiro, birundurira mu ngeso mbi, ku buryo kwitegeka byari bitakibashobokera.

Ariko ingaruka z'ibyo byose zari zitandukanye cyane n'icyo Roma yari yaragambiriye. Aho gushobora kugumisha abantu benshi mu kumvira amahame yayo mu buryo bw'ubuhumyi, umurimo wayo wabateye kuba abahakanamana n'abaharanira impinduka. Amahame n'inyigisho bya Roma barabisuzuguye babifata ko ari ibinyoma by'abapadiri. Babonaga ko abayobozi b'idini ari ishyaka ribereyeho kubakandamiza. Imana yonyine bari bazi ni iy'i Roma kandi inyigisho za Roma ni zo zari idini yabo imwe rukumbi. Babonaga ko umururumba wa Roma n'ubugome bwayo ari byo mbuto Bibiliya yera bityo bakumva batayikeneye.

Roma yari yarerekanye imico y'Imana mu buryo butari bwo kandi yari yaragoretse amategeko yayo bityo abantu banga Bibiliya n'Uwayandikishije. Roma yari yarategetse abantu kwizera inyigisho zayo mu buhumyi kandi yishingikirije ku Byanditswe. Ibyo byatumye Voltaire n'abo bari bafatanyije bangira hamwe ijambo ry'Imana maze bakwirakwiza ahantu hose inyigisho z'uburozi zihakana Imana. Roma yari yararibatiye abaturage munsi y'ubutwaye bwayo bukomeye, noneho imbaga y'abantu basuzuguwe batyo kandi bagiriwe nabi, biganzuye igitugu cyayo nta rutangira na mba bafite. Barakajwe nuko bari bamaze igihe kirekire bubaha ikinyoma cyasigirijwe, maze ukuri n'ikinyoma babyangira icyarimwe. Kubera kwitiranya uburenganzira n'umudendezo, abantu bari barabaye imbata z'ingeso mbi bishimiye cyane umudendezo bibwiraga ko bafite.

Mu itangira ry'Impinduramatwara, kubw'uburenganzira bahawe n'umwami, abaturage bahawe amahirwe yo kugira ababahagararira mu Nteko y'igihugu baruta ubwinshi umubare w'abakomeye ndetse n'abayobozi b'idini bose hamwe. Kubw'ibyo, uruhare runini rw'ububasha rwari mu maboko yabo nyamara ntabwo bari biteguye kubukoresha mu buryo bw'ubwenge n'ubushishozi. Bari bashishikariye cyane gukosora ibibi byari byarabababaje maze biyemeza gutangira kongera kubaka umuryango mugari w'Abafaransa. Rubanda rwari rwarasuzuguwe kandi intekerezo zabo zuzuyemo ibitekerezo bibabaje kandi bibamazemo igihe kirekire by'ibibi bagiriwe, biyemeje kwiganzura ubutindi bari batagishoboye kwihanganira ndetse biyemeza no kwihorera ku bo bafataga ko ari bo ntandaro y'imibabaro bari barimo. Abari barakandamijwe bashyize mu bikorwa inyigisho bari barize igihe bategekeshwaga igitugu maze nabo bihimura ku bari barabakandamije.

Ubufaransa bwasaruye amaraso mu mbuto bwari bwarabibye. Kumvira ubutegetsi bw'i Roma kwabubyariye ingaruka zibabaje cyane. Mu itangira ry'Ubugorozi, ahantu Ubufaransa bwari bwarashinze imambo zo gutwikiraho abantu bukoreshejwe n'ubupapa, ni ho Impinduramatwara yashinze icyuma cya mbere cyakoreshwaga mu guca abantu imitwe. Ahantu abazize kwizera kwabo ba mbere b'Abaporotesitanti batwikiwe mu kinyejana cya cumi na gatandatu ni naho abantu ba mbere baciriwe imitwe mu kinyejana cya cumi n'umunani. Mu kwanga ubutumwa bwiza buba bwarazaniye Ubufaransa umuti w'ikibazo, Ubufaransa bwakinguriye amarembo guhakana Imana no kurimbuka. Ubwo ibyo amategeko y'Imana abuza abantu byari bikuweho, byagaragaye ko amategeko yashyizweho n'abantu adashoboye gukoma mu nkokora ibyifuzo bibi bya muntu; maze igihugu kigwa mu kaga k'imyivumbagatanyo no kwigira ibyigenge. Urugamba rwo kurwanya Bibiliya rwatangije igihe cyiswe "Ingoma y'Iterabwoba"mu mateka y'isi . Amahoro n'umunezero byari bitakirangwa mu mitima y'abantu no mungo zabo. Nta muntu n'umwe wari ufite umutekano. Umuntu wabaga afite insinzi uyu munsi, ejo yarakekwaga maze agacirwa urwo gupfa. Ubugizi bwa nabi no gutwarwa n'irari

byari gikwira.

Umwami, abayobozi b'idini, n'ibikomangoma bari bategetswe kwicisha bugufi bakemera amahano yakorwaga n'abo baturage babaga bariye karungu. Inyota yo kwihimura yakanguwe cyane no kwicwa k'umwami; maze bidatinze abategetse ko yicwa nabo baramukurikira. Hakurikiyeho kwicisha inkota abantu bose bakekwagaho kutemera Impinduramatwara. Gereza zuzuye abantu ku buryo icyo gihe zari zirimo imfungwa zirenga ibihumbi magana abiri. Imijyi yo muri ubwo bwami yari yuzuwemo ibikorwa by'amahano ateye ubwoba. Ishyaka rimwe ry'abaharanira impinduramatwara ryahanganaga n'irindi maze Ubufaransa buhinduka urubuga rugari rw'abantu benshi bahanganye babaga bahinduwe nk'abasazi n'ibyifuzo byabo bibi. "Mu mujyi wa Paris, imyivumbagatanyo yarasimburanaga, abaturage bari baracitsemo ibice byinshi bitagendereye ikindi uretse kwicana ubwabo bakamarana." Icyiyongeyeye kuri ako kaga kari rusange, ni uko igihugu cyose cyibonye mu ntambara yamaze igihe kirekire kandi yasenyaga cyarwanaga n'ibihugu bikomeye byo mu Burayi. "Igihugu cyari hafi yo gusenyuka burundu; abasirikare basabaga ibirarane by'imishahara batahembwe, abaturage bo mu mujyi wa Paris bibasiwe n'inzara ikabije, mu ntara hose hari harabaye umusaka kubera kuyogozwa n'ibisambo, kandi gutera imbere no kujijuka byari hafi gusibangana bigasimburwa n'imivurungano no kwigira ibyigenge.

Abaturage bari barize amasomo yo kugira nabi no kwica urubozo Roma yigishije. Amaherezo, igihe cyo gusarura ibyo babibye cyararageze. Ubu noneho ntabwo ari abigishwa ba Yesu bashyirwaga muri za kasho kandi ngo bajyanwe kwicwa. Hari hashize igihe kirekire abo bigishwa ba Yesu barabamariye ku icumu naho abandi barahunze. Noneho Roma itaragiriraga imbabazi yumvise imbaraga zirimbura z'abo yari yaratoje kwishimira gukora ibikorwa byo kuvusha amaraso. "Urugero rubi rwo gutoteza abayobozi b'idini bo mu Bufaransa batanze mu myaka myinshi, noneho rwabagarukiye rufite imbaraga zikomeye. Aho biciraga abantu hatembaga imivu y'amaraso y'abapadiri. Amato na za gereza byari byarigeze kuzuramo Abahugeno (Huguenots), noneho byari byuzuyemo ababatotezaga. Abayobozi b'itorero Gatolika ry'i Roma babohewe ku ntebe zo mu mato, bakagashya mu buryo bubaruhije maze nabo bagerwaho n'akaga itorero ryabo ryari ryaranyujijemo abantu bari abagwaneza ryitaga abahakanyi."

"Noneho haje kubaho igihe ubwo abari inkozi z'ibibi kurusha abandi mu nkiko zose ari bo bashyiraga mu bikorwa amategeko yuzuye ubugome bw'indengakamere. Icyo gihe nta muntu washoboraga gusuhuza mugenzi we cyangwa ngo ashobore gusenga ngo bibure kumubera icyaha kimwicisha. Ingenza zabaga zihishe ahantu hose; buri gitondo inkerezo zakoreshwaga baca abantu imitwe zakoraga ubudahwema. Za kasho zabaga zuzuye imfungwa nk'uko ibyumba by'ubwato bwatwaraga inkoreragahato byababaga bimeze; icyo gihe imiyoboro yatembaga imivu y'amaraso iyohereza mu ruzi rwitwa Seine. . . .Muri icyo gihe ibimodoka bitunda abantu bagiye kwicwa byanyuraga buri munsi mu duhanda tw'i Paris bibajyanye aho bari bwicirwe. Abayobozi batandukanye bari baroherejwe n'inama y'ibwami ngo bajye gukora mu nzego zitandukanye, bishimiraga kwishora mu bwicanyi bukomeye budakekwa kugeza no mu murwa mukuru. Cya cyuma cyakoreshwaga baca abantu imitwe cyarazamukaga kikamanuka buboro buhoro maze kikarangiza umurimo bagikoreshaga. Imirongo miremire y'ababaga bagiye kwicwa yanyuzwagamo urusasu bakarambarara hasi. Amato yuzuwemo abajya kwicwa yatoborwagamo imyobo hasi. Umujyi wa Lyons wahindutse ubutayu. Mu karere ka Arras, imfungwa zasabaga kwicwa urupfu rubi ariko rwihuse nyamara ntibabyemererwe. Ahazengurutse Loire hose uhereye i Saumur ukageza ku nyanja, ibisiga byose n'inkongoro byahazwaga no kurya imirambo yanamye ku gasozi nta kenda kayikingirije, ihambiranije. Nta mpuhwe zishingiye ku gitsina cyangwa ku myaka y'ubukuru zabagaho. Umubare w'abana b'abahungu n'abakobwa b'imyaka cumi n'irindwi bishwe n'ubwo butegetsi bubi ubarirwa mu magana menshi. Impinja zikuwe ku mabere ya ba nyina zajugunywaga bucumu mu nzira n'abo mu mutwe w'Abajakobe."[317] Mu gihe gito gusa cy'imyaka cumi, abantu batabarika barahatikiriye.

Ibyo byose byagenze nk'uko Satani yabyifuzaga. Ibi ni byo yari yaraharaniye kugeraho mu myaka myinshi. Gahunda y'imikorere ye ni ibinyoma kuva mu itangiriro kugeza mu iherezo, kandi umugambi we ukomeye ni ukuzanira abantu umuvumo n'ubuhanya, kugira ngo aharabike kandi yanduze ibyo Imana yakoze, yangize imigambi yayo y'ubugiraneza n'urukundo, maze kubw'ibyo ateze umubabaro mu ijuru. Bityo, kubw'amayere ye y'ubushukanyi, ahuma intekerezo z'abantu, maze ibyo akora akabateza kubyitirira Imana nk'aho ako kaga kose ari ingaruka z'umugambi w'Imana. Muri ubwo buryo, iyo abantu basuzuguwe kandi bagateshwa agaciro binyuze mu mbaraga ze z'ubugome babashije kugera ku mudendezo wabo, abashora mu bugizi bwa nabi ndetse bukabije. Bityo iyo pica yo kwishora mu bibi nta rutangira, igaragazwa n'abicanyi n'abanyagitugu nk'urugero rw'ingaruka z'umudendezo.

Iyo ikosa ritwikiriwe mu buryo bumwe rivumbuwe, Satani ararihisha akaryambika undi mwambaro maze abantu benshi bakaryakirana inyota bishimye nka mbere. Igihe abantu bamaze kumenya ko inyigisho z'i Roma ari ibinyoma, kandi Satani akaba atashobora kubatera kugomera amategeko y'Imana yifashishije izo nyigisho, abatera kwibwira ko amadini yose ari uburiganya, kandi ko Bibiliya ari igitabo cy'ibitekerezo bihimbano; bityo bakazibukira amategeko y'Imana maze bakirundurira mu byaha nta rutangira.

Ikosa rikomeye cyane ryateje ako kaga abaturage b'Ubufaransa ryabaye iryo kwirengagiza uku kuri gukomeye kuvuga ko umudendezo nyakuri ubonerwa gusa mu kumvira amategeko y'Imana. "Iyaba warumviye amategeko yanjye, uba waragize amahoro ameze nk'uruzi, gukiranuka kwawe kuba kwarabaye nk'umuraba w'inyanja." "Nta mahoro y'abanyabyaha ni ko Uwiteka avuga." "Ariko unyumvira wese azaba amahoro, adendeze kandi atikanga ikibi."[318]

Abatemera ko Imana ibaho, abatizera n'abahakanyi bose barwanya amategeko y'Imana; ariko ingaruka z'ibyo bakora zerekena ko imibereho myiza y'umuntu ishingiye ku kubaha amategeko y'Imana. Abantu batazasoma icyo cyigisho mu gitabo cy'Imana basabwa kugisoma mu mateka y'ibihugu byinshi.

317 Jacobins: Aba bari itsinda rimwe ry'abaharanira demukarasi mu Bufaransa mu gihe cy'Impinduramatwara. Bakomokaga ku mupadiri w'Umudominikani witwaga Jacobin.

318 Yesaya 48:18, 22; Imigani 1:33

Igihe Satani yakoreshaga itorero ry'i Roma agateshura abantu ku kumvira, imikorere ye yari yihishe kandi umurimo we wari wiyoberanyije ku buryo guhenebera n'ubuhanya byaje kuba ingaruka bitashoboye gufatwa ko ari imbuto zo kwigomeka. Ikindi kandi, imbaraga ze zakomwe mu nkokora n'umurimo wa Mwuka w'Imana ku buryo imigambi ye itashoboye kugerwaho mu buryo bwuzuye. Ntabwo abantu babashije gusobanukirwa n'intandaro y'ibyabaye kandi ngo bavumbure isoko y'akaga bari barimo. Nyamara mu gihe cy'Impinduramatwara amategeko y'Imana yanzwe ku mugaragaro n'Inteko Nkuru y'igihugu. Kandi mu gihe cy'ingoma y'igitugu yakurikiye Impinduramatwara, buri wese yashoboraga kubona intandaro n'ingaruka zabyo.

Igihe Ubufaransa bwangaga Imana ku mugaragaro kandi bukamagana Bibiliya, abantu b'abagome n'imyuka y'umwijima banejejwe n'uko bageze ku cyo bifuje kuva kera ari cyo: ubutegetsi butagira ibyo bubuzwa n'amategeko y'Imana. Kubera ko iteka ricirwaho imigirire mibi ritihutishwaga, ni cyo cyatumye imitima y'abantu "ishishikarira gukora ibibi."[319] Nyamara kugomera amategeko atunganye kandi y'ukuri byanze bikunze bigomba gukurikirwa n'ingaruka mbi z'ubuhanya no kurimbuka. Nubwo ibihano by'Imana bitahitaga bibaho, ubugome bw'abantu ntibwabuze guteza ingaruka zabwo mbi. Ibinyejana byinshi by'ubuhakanyi n'ubugome byagiye birundanya uburakari kugeza umunsi wo guhabwa ibihano; kandi ubwo ibicumuro byabo byabaga bimaze kugwira, abasuzuguraga Imana basobanukirwaga batinze ko kuba barakerenseje kwihangana kw'Imana ari ikintu giteye ubwoba. Mwuka w'Imana ukumira abantu, kandi utsinda imbaraga y'ubugome bwa Satani yakuweho mu buryo bukomeye bityo Satani unezezwa n'amakuba y'abantu gusa ahabwa uburenganzira bwo gukora ibyo ashaka. Abantu bari barahisemo umurimo w'ubwigomeke bararetswe basarura ingaruka zabwo kugeza ubwo igihugu cyuzuyemo ubwicanyi bukabije umwanditsi atashobora kurondora. Mu ntara zabaye umusaka n'imijyi yabaye amatongo humvikanaga ijwi ryo gutaka gukomeye – kwari ugutaka gutewe n'ishavu ryinshi. Ubufaransa bwahinze umushyitsi nk'ubutigishijwe n'umutingito w'isi. Idini, amategeko, gahunda mu bantu, umuryango, Leta n'itorero byose byasenywe n'ikiganza gihumanye cyari cyarahagurukiye kurwanya amategeko y'Imana. Umunyabwenge yavuze ukuri ubwo yagiraga ati: "Umunyabyaha azagushwa n'ibyaha bye." "Nubwo umunyabyaha ashobora gukora ibikorwa bibi ijana akarenga akaramba, nzi neza ko abubaha Imana bazagubwa neza."[320] "Kuko banze kumenya, kandi ntibahisemo kubaha Uwiteka;" "ni cyo gituma bazarya ibiva mu ngeso zabo, kandi bazahazwa n'imigambi yabo."[321]

Kwicwa kw'abahamya b'Imana b'indahemuka bishwe na bwa butegetsi butuka Imana "bwavuye ikuzimu," ntibyajyaga kumara igihe kirekire bicecetswe. "Iyo minsi itatu n'igice ishize, umwuka w'ubugingo uva ku Mana winjira muri bo, baherako barahaguruka: ubwoba bwinshi butera ababibonye."[322] Mu mwaka wa 1793 ni ho itegeko rikuraho iby'idini kandi rikabuzanya Bibiliya ryatowe n'Inama nkuru

319 Umubwiriza 8:11-12
320 Umubwiriza 8 : 13
321 Imigani 1:29, 31
322 Ibyahishuwe 11:11

y'igihugu cy'Ubufaransa. Hashize imyaka itatu n'igice, iyo nama yaje kwivuguruza maze iha umudendezo Ibyanditswe Byera. Abatuye isi bari baratewe ubwoba n'ibibi bikomeye byari byarabaye ingaruka zo kwirengagiza Ibyanditswe Byera, kandi abantu bamenya akamaro ko kwizera Imana n'ijambo ryayo nk'ishingiro ry'ubutungane n'imico-mbonera. Uhoraho yaravuze ati: "Uwo watonganije ukamutuka ni nde? Ni nde wakanitse ukamureba igitsure? Ni Uwera wa Isirayeli."[323] "Dore noneho ngiye kubamenyesha, ni ukuri ngiye kubamenyesha ukuboko kwanjye n'imbaraga zanjye; na bo bazamenya yuko izina ryanjye ari Yehova."[324]

Ku byerekeye ba bahamya babiri umuhanuzi yongeraho ati: "Bumva ijwi rirenga rivugira mu ijuru ribabwira riti, "Nimuzamuke muze hano." Nuko bazamukira mu gicu, bajya mu ijuru, abanzi babo babireba."[325] Kuva igihe Ubufaransa burwanyirije abahamya babiri b'Imana, nibwo barushijeho kubahwa kuruta mbere. Mu mwaka wa 1804 niho Umuryango wo kwandika Bibiliya mu Bwongereza no mu bihugu by'amahanga washinzwe. Ibi byaje gukurikirwa n'indi miryango ikora n'ibindi bijyanye n'icyo gikorwa ifite amashami menshi cyane ku mugabane w'Uburayi. Mu mwaka wa 1816, hakurikiyeho ishingwa ry'Umuryango wa Bibiliya muri Amerika. Igihe Umuryango wa Bibiliya mu Bwongereza washyirwagaho, Bibiliya yaracapwe yoherezwa mu ndimi mirongo itanu. Kuva icyo gihe yasobanuwe mu ndimi amagana menshi.

Mu myaka mirongo itanu yabanjirije umwaka wa 1792, ntibitaye cyane ku butumwa bwajyanwaga mu mahanga ya kure. Nta yandi mashyirahamwe mashya yashyizweho, kandi habayeho amatorero make cyane yagize umuhati wo gukwirakwiza Ubukristo mu bihugu by'abapagani. Ariko ahagana mu iherezo ry'ikinyejana cya cumi n'umunani habayeho impinduka zikomeye. Abantu bazinutswe ingaruka zo kwishingikiriza ku bwenge maze babona ko guhishurirwa n'Imana ndetse n'idini igaragarira mu bikorwa ari ingenzi. Kuva ubwo umurimo wo kwamamaza ubutumwa mu mahanga wateye imbere mu buryo butigeze bubaho.

Iterambere ry'amazu y'icapiro ryatumye umurimo wo gukwirakwiza Bibiliya ugira imbaraga nyinshi. Uburyo bwinshi bwo koherezanya amakuru hagati y'ibihugu bitandukanye, gusenyuka kw'inzitizi za kera zaterwaga n'urwikekwe no kuba nyamwigendaho kw'ibihugu, ndetse no kuba umuyobozi mukuru w'itorero ry'i Roma yari yatakaje imbaraga yahabwaga n'ubutegetsi bw'isi, ibyo byose byakinguriye amarembo Ijambo ry'Imana. Mu myaka runaka Bibiliya yagiye igurishwa nta mbogamizi mu mihanda yose y'i Roma kandi ikwirakwizwa mu turere twose tw'isi twari dutuwe.

Umunsi umwe Voltaire wahakanaga Imana, yavuganye ubwirasi agira ati: "Ndambiwe kumva abantu basubiramo ko abagabo cumi na babiri ari bo bashinze idini rya Gikristo. Nzabereka ko umuntu umwe wenyine ahagije kugira ngo arisenye." Kuva Voltaire apfuye hashize imyaka myinshi. Abantu miliyoni nyinshi bagiye mu rugamba rwo kurwanya Bibiliya. Nyamara ntawashoboye kugera ubwo ayizimangatanya, ku buryo ahantu habarizwaga Bibiliya ijana mu gihe cya Voltaire,

323 Yesaya 37:23
324 Yeremiya 16:21
325 Ibyahishuwe 11:12

ubu hari amakopi ibihumbi ijana y'igitabo cy'Imana. Mu magambo y'umugorozi umwe wavuze ibyerekeye itorero rya Gikristo, yaravuze ati, "Bibiliya ni ibuye ry'umucuzi ryasazishije inyundo nyinshi." Uhoraho yaravuze ati: "Ariko nta ntwaro bacuriye kukurwanya izagira icyo igutwara; kandi ururimi rwose ruzaguhagurikira kukuburanya uzarutsinda." [326]

"Ijambo ry'Imana yacu rizahoraho iteka ryose." "Amategeko ye yose ni ayo kwiringirwa. Ahoraho iteka ryose ntahindagurika, ashingiye ku murava no ku butungane."[327] Ibyubakwa byose ku bushobozi bw'umuntu bizasenyuka; ariko ibyubakwa ku rutare ari ryo jambo ry'Imana ridahinduka, bizahoraho iteka ryose.

IGICE CYA 16

ABAKURAMBERE B'ABIMUKIRA

Ubwo Abagorozi bo mu Bwongereza bangaga inyigisho z'i Roma, bakomeje gukora imwe mu migenzo y'itorero ry'i Roma. Bityo, nubwo bari baranze ubutegetsi n'indangakwemera bya Roma, hari byinshi mu migenzo n'imihango byinjijwe mu buryo bwo gusenga bw'Itorero ry'Ubwongereza. Bavugaga ko ibyo atari ikibazo kireba umutimanama; ko nubwo ibyo bitari bitegetswe n'Ibyanditswe Byera kandi bikaba bitari na ngombwa, nyamara kandi ntibibe bibuzanyijwe, ntabwo byo ubwabyo byari bibi. Kubikurikiza byerekezaga ku kugabanya umworera watandukanyaga itorero ry'i Roma n'amatorero avuguruwe, ndetse bavugaga ko ibyo bishobora gutuma abayoboke b'itorero ry'i Roma bemera ukwizera kw'Abaporotesitanti.

Ibyo bitekerezo byanogeye abadashaka kuva ku izima kandi bashaka ubwumvikane. Nyamara hari hariho irindi tsinda ritabibonaga rityo. Uko babibonaga, kuba iyo migenzo " yarerekezaga ku kubaka iteme rihuza Roma n'Ubugorozi",[328] iyo yari impamvu ihagije yo gutuma barwanya kuyigumana. Bafataga iyo migenzo nk'ibimenyetso by'uburetwa bari barakuwemo kandi batashoboraga kongera gusubiramo rwose. Batekerezaga ko mu Ijambo ryayo Imana yashyizemo amabwiriza agenga uko ikwiriye gusengwa, kandi ko abantu badafite umudendezo wo kugira icyo bongeraho cyangwa bagabanyaho. Itangiriro ry'ubuhakanyi bukomeye ryatangiriye ku gushaka gufata ubutegetsi bw'Imana bugasimbuzwa ubw'Itorero. Roma yatangiye ibuzanya ibyo Imana itigeze ibuzanya maze iherukiriza ku kubuzanya ibyo Imana yategetse.

Abantu benshi bashakaga cyane kugaruka ku butungane no kwiyoroshya byarangaga itorero rya mbere. Bafataga byinshi mu migenzo yahawe intebe mu Itorero ry'Ubwongereza nk'aho ari amashusho yo gusenga ibigirwamana, bityo mu

326 Yesaya 54:17

327 Yesaya 40:8; Zaburi 111:7, 8

328 Martyn, volume 5, p.22.

mutimanama wabo ntibashoboraga kwifatanya n'iryo torero mu masengesho yaryo. Ariko kubera ko itorero ryari rishyigikiwe n'ubutegetsi bwa Leta, ntiryashoboraga kwemera ko habaho ibitekerezo bihabanye biba mu mihango yaryo. Itegeko ryasabaga ko abantu bose baboneka mu gihe cyo gusenga kandi rikabuzanya amateraniro yose mu by'idini atatangiwe uburenganzira, ubirenzeho wese akaba yahanishwa igifungo, gucibwa mu gihugu, cyangwa kwicwa.

Mu itangira ry'ikinyejana cya cumi na karindwi, umwami wari umaze kwima ingoma mu Bwongereza yatangaje ko yiyemeje guhatira "Abaharanira Ubutungane"[329] "gukurikiza amategeko y'Itorero ry'Ubwongereza, bitaba ibyo bakameneshwa mu gihugu cyangwa bakagerwaho n'ishyano."[330] Kubera ko bahigwaga, bagatotezwa kandi bagafungwa, ntibabonaga ko ahazaza hazigera haba heza ku buryo benshi muri bo bageze ubwo babona "ko Ubwongereza butakiri ahantu ho guturwa n'abantu bashaka gukorera Imana bakurikije ibyo umutimanama wabo ubategeka."[331] Amaherezo bamwe biyemeje guhungira mu Buholandi. Bahuye n'ingorane, ibihombo, ndetse no gufungwa. Imigambi yabo yakomwaga mu nkokora maze bakagambanirwa bagashyikirizwa abanzi babo. Nyamara amaherezo ukwihangana kwabo kudacogora kwaje gutsinda maze babona ubuhungiro ku nkengero z'Igihugu cy'Ubuhorandi.

Mu buhungiro, bari barasize ingo zabo, ibintu byabo n'ibyababeshagaho byose. Bari abanyamahanga mu gihugu cy'amahanga, bari hagati y'abantu bavuga urundi rurimi kandi bafite indi mico. Kugira ngo bashobore kubona ikibatunga, byabaye ngombwa ko bashaka imirimo batari bamenyereye gukora. Abagabo b'ibikwerere bari baramenyereye guhinga mu mibereho yabo yose, noneho bagombaga kwiga imyuga. Ariko bemeye iyo mibereho banezerewe maze ntibagira igihe batakaza mu bunebwe cyangwa kwivovota. Nubwo akenshi bazahazwaga n'ubukene, bashimiraga Imana imigisha yabahaga kandi bagiriraga ibyishimo mu gusabanira hamwe mu by'umwuka ntacyo bikanga. "Bari bazi neza ko ari abagenzi, ibyo bigatuma iby'ubukene bafite batabyitaho ahubwo bagahanga amaso yabo mu ijuru, ari cyo gihugu bakundaga kandi bari barangamiye kuruta ibindi byose, ibyo bigatuma bumva batuje mu mitima yabo."[332]

Mu buhungiro n'uburushyi, urukundo rwabo no kwizera kwabo byarushijeho gukomera. Biringiraga amasezerano y'Uhoraho kandi ntiyaburaga kubitaho mu bihe byagaba bibakomeye. Abamarayika b'Uhoraho babaga iruhande rwabo kugira ngo babatere ubutwari kandi babafashe. Igihe ukuboko k'Uwiteka kwaberekaga hakurya y'inyanja aho bashobora gushinga Leta yabo kandi bakazasigira abana babo umurage ufite agaciro kenshi w'umudendezo mu by'idini, bakurikiraga inzira Imana ibayoboyemo nta mususu.

Imana yari yaremeye ko ubwoko bwayo bunyura mu birushya kugira ngo ibutegurire gusohoza imigambi myiza yari ibafitiye. Itorero ryacishijwe bugufi kugira

329 Puritans: Ni itsinda ry'"Abakristo" bari batsimbaraye ku guharanira ubutungane mu itorero muri gahunda zose, mu buryo buruta ibyo babonagamu itorero.

330 George Bancroft, History of the USA, pt.1, ch.12, par.6.

331 J.G.Palfrey, History of New England, ch.3, par.43

332 Bancroft, pt.1, ch.12, par.15

ngo amaherezo rizashyirwe hejuru. Imana yari iri hafi kuryereka ubushobozi bwayo, guha abatuye isi yose ikindi gihamya cy'uko Imana itazigera ihana abayiringira. Imana yari yarayoboye ibyabayeho kugira ngo itume uburakari bwa Satani ndetse n'ubugambanyi bw'abantu babi byamamaza ikuzo ryayo kandi igeze ubwoko bwayo ahantu hari umutekano. Itoteza no guhunga byafunguraga inzira yerekeza ku mudendezo.

Ubwo bahatirwaga bwa mbere gutandukana n'Itorero ry'Ubwongereza, nk'ubwoko bw'Uhoraho bufite umudendezo, "Abaharanira Ubutungane" bari barifatanyirije hamwe mu ndahiro ikomeye yo "kugendera hamwe mu nzira Ze zose basanzwe bazi cyangwa izo Azabamenyesha."[333] Aha niho herekanaga umwuka nyakuri w'ubugorozi n'ihame shingiro ry'Ubuporotesitanti. Aba bagenzi bavuye mu Buholandi bafite uyu mugambi maze bajya gushaka aho baba muri Amerika. Umupasitoro wabo witwaga Yohani Robinson, wabujijwe kubaherekeza binyuze mu buryo bw'uburinzi bw'Imana, ubwo yavugaga ijambo ryo gusezera kuri abo bahungaga yaragize ati:

"Bavandimwe nkunda, ubu mu kanya gato tugiye gutandukana kandi Imana ni Yo izi niba nzaba nkiriho ngo nzongere kubabona. Ariko Imana yabyemera cyangwa itabyemera, ndabingingira mu maso y'Imana n'Abamarayika bayo bera ngo muzankurikize mudatandukiriye uko nakurikije Kristo. Imana nigira icyo ari cyo cyose ibahishurira ikoresheje undi mugaragu wayo uwo ari we wese, mwitegure kucyakira nk'uko mwabaga mwiteguye kwakira ukuri kose nagiye mbagezaho mu murimo wanjye; kuko niringiye ndashidikanya ko Uhoraho afite ukuri n'umucyo biruseho bitarahishurwa binyuze mu Ijambo rye ryera."[334]

"Ku bwanjye, sinashobora kubabwira mu buryo buhagije uko mbabazwa n'amatorero amwe avuguruye yageze aho atakigira ikindi cyiyongera ku myizerere yayo, none ubu akaba adashobora gutera indi ntambwe irenze ibyo ubugorozi bwayo bwashingiyeho. Abayoboke ba Luteri ntibashobora kwemera gutezwa indi ntambwe ngo bamenye ibirenze ibyo Luteri yabonye; ... Murabona ko abayoboke ba Kaluvini na bo basa n'ababoheye aho uwo muntu ukomeye w'Imana yabasize, nyamara ntiyari azi ibintu byose. Ibyo ni ubuhanya buteye amaganya cyane; kuko nubwo abo bantu bagurumanaga kandi bakamurika umucyo mu gihe cyabo, ntabwo bashoboye kwimbika ngo bamenye inama zose z'Imana, ahubwo iyaba muri iki gihe bajyaga kuba bariho, bajyaga kugira ubwuzu bwo kwakira umucyo uruta uwo bari barakiriye mbere."[335]

"Mwibuke isezerano ry'itorero ryanyu, iryo mwemereyemo kugendera mu nzira zose z'Uhoraho, zaba izo yamaze kubamenyesha n'izo azabamenyesha. Mwibuke amasezerano yanyu n'igihango mwagiranye n'Imana ndetse no hagati yanyu ubwanyu yo kwakira umucyo uwo ari wo wose n'ukuri kose muzamenyeshwa binyuze mu Byanditswe Byera. Ariko nubwo bimeze bityo, ndabinginze mujye mwitondera ibyo mwakira byose ko ari ukuri maze mukugereranye kandi mukugenzuze ibindi byanditswe mbere y'uko mubyemera; kuko bidashoboka ko

333 J. Brown, The Pilgrim Fathers, p.74.
334 Martyn, vol.5, p.70.
335 D. Neal, History of the Puritans, vol.1, p.269

Ubukristo bwaba bwavuye mu mwijima w'icuraburindi wo kurwanya Kristo vuba aha ngo maze ubumenyi butunganye kandi bushyitse buhite bujya ahagaragara icyarimwe."[336]

Gushaka kugira umudendezo wo gukurikiza umutimanama ni byo byateye abo bagenzi kwiyemeza guca mu makuba y'urugendo rurerure mu nyanja, bakihanganira imiruho n'akaga byo mu butayu, kandi kubw'imigisha y'Imana, bakabasha gushinga urufatiro rw'igihugu gikomeye ku nkengero za Amerika. Nyamara, nubwo bari abantu b'indakemwa kandi bubaha Imana, abo Bagenzi bari batarasobanukirwa n'ihame rikomeye ryerekeye umudendezo mu by'iyobokamana. Umudendezo bari baritangiye kugeraho ntibari biteguye kuwuha n'abandi. "Bake cyane bo mu banyabwenge b'ibyamamare ndetse n'abaharaniraga imico mbonera bo mu kinyejana cya cumi na karindwi, ntibari basobanukiwe n'iryo hame ry'ingenzi ryo guteza imbere Isezerano Rishya, kandi ryemeza ko Imana ari yo mucamanza wenyine wo kwizera k'umuntu." [337]Inyigisho yavugaga ko Imana yahaye itorero uburenganzira bwo kuyobora umutimanama, ndetse no gusobanura no guhana ibyo ryita ubuhakanyi, ni inyigisho imwe mu makosa y'ubupapa yashinze umuzi. Nubwo Abagorozi banze indangakwemera ya Roma, ntabwo bari bararetse burundu umutima wayo wo kutihanganira abandi. Umwijima w'icuraburindi ubupapa bwari bwarashyizemo Abakristo mu myaka amagana menshi y'ubutegetsi bwabwo wari utareyuka burundu. Umwe mu bagabura bari ku ruhembe rw'imbere mu ntara y'ubukoloni y'Ikigobe cya Massachusets [Masashuseti] yaravuze ati: "Kwihanganirana ni ko kwatumye abatuye isi baba abahakana Kristo, kandi ubwo itorero ryahanaga abahakanyi nta kibi ryakoze."[338] Abakoloni bari batuye muri Amerika batoye itegeko rivuga ko abantu babarizwa mu itorero ari bo bonyine bagomba kugira ijambo mu butegetsi bwa Leta. Hashyizweho ubutegetsi bwa Leta bugendera ku mahame y'itorero, abaturage bose basabwa gutanga umusanzu wo kunganira ubuyobozi bw'idini kandi abacamanza bahabwa uburenganzira bwo gukuraho ubuhakanyi. Muri ubwo buryo, ubutegetsi bw'iby'isi bwari buri mu maboko y'itorero. Ntibyatinze izo ngamba ziza kubyara itoteza ari ryo ryabaye ingaruka simusiga.

Imyaka cumi n'umwe hamaze gushingwa intara ya mbere y'ubukoloni, nibwo uwitwa Roger Williams yaje muri Amerika (Icyo gihe bayitaga Isi Nshya). Kimwe na ba Bagenzi bahageze mbere, yari azanwe n'umugambi wo gushaka umudendezo mu by'iyobokamana; ariko ibinyuranye n'ibyabo, yabashije kubona ibyo bake cyane bari barashoboye kubona mu gihe cye, yuko uwo mudendezo ari uburenganzira butavuguruzwa bwa buri muntu hatitawe ku myizerere ye. Yashakashakaga ukuri abishishikariye, kandi akizera kimwe na Robinsons ko bidashoboka ko umucyo wose wo mu ijambo ry'Imana waba waramaze kwakirwa. Williams "yabaye uwa mbere mu turere twari tugezweho tw'Ubukristo, washingiye ubutegetsi bwa Leta ku ihame ryo kugira umudendezo mu gukurikiza umutimanama ndetse n'uburinganire bwo gutanga ibitekerezo imbere y'amategeko."[339] Yavugaga ko inshingano y'abacamanza

336 Martyn, vol.5, pp.70, 71.
337 Ibid., vol.5, p.297
338 Ibid., vol.5, p.335
339 Bancroft, pt,1, ch.15, par.16

ari iyo gukumira ibyaha, ko atari iyo kugenga umutimanama. Yaravuze ati: "Rubanda cyangwa abacamanza bashobora gufata umwanzuro ku cyo umuntu akwiriye gukorera mugenzi we; ariko igihe bagerageje gushyiraho inshingano umuntu afite ku Mana, baba barengereye kandi iyo bimeze bityo nta mutekano ushobora kuboneka; kubera ko byumvikana ko niba umucamanza afite ububasha, uyu munsi ashobora gushyiraho itegeko rishingiye ku bitekerezo runaka cyangwa imyizerere, ejo agashyiraho irindi nk'uko byagiye bikorwa n'abami n'abamikazi batandukanye mu Bwongereza ndetse bikanakorwa n'abapapa banyuranye n'inama zitari zimwe mu itorero ry'i Roma, ku buryo imyizerere yahinduka uruhurirane rw'urujijo."[340]

Kujya muri gahunda zo gusenga z'itorero ryariho byari bitegetswe abantu utabikoze agacibwa igihano cyangwa agafungwa. "Williams ntiyemeraga iryo tegeko. Ryari itegeko ribi kuruta ayandi yose mu mategeko y'Ubwongereza kuko ryahatiraga abantu kujya gusenga mu itorero rya Leta. Guhatira abantu kwifatanya n'abo badahuje imyizerere we yabifataga ko ari ukuvogera uburenganzira bw'umuntu ku mugaragaro; kandi kujyana gusenga abatizera n'abatabishaka ku ngufu, kuri we byari ukubasaba gukora uburyarya. . . Yongeyeho ati: 'Nta muntu ukwiriye guhatirwa kujya gusenga, cyangwa kwemera uburyo bw'imisengere atabyiyemereye.' Abataravugaga rumwe na we batangajwe n'ibyo yavugaga maze baravuga bati: 'Bishoboka bite? mbese umukozi ntakwiriye igihembo cye?" Na we yarabasubije ati: 'Yee, ariko agihabwa n'abamukoresha."[341]

Roger Williams yarubahwaga kandi agakundirwa ko yari umugabura w'umwizerwa, ufite impano utabona muri benshi, akaba indahemuka n'umunyabuntu; nyamara uko guhakana yivuye inyuma uburenganzira abacamanza ba Leta bafite ku itorero, ndetse no gusaba ko abantu bagira umudendezo mu by'idini, ntibyari kubasha kwihanganirwa. Bakekaga ko gukurikiza izo nyigisho nshya bishobora "guhirika Leta ndetse n'ubutegetsi bwose bw'igihugu."[342] Baherako bamucira urubanza rwo kumuca agakurwa muri koloni zabo, maze amaherezo atinye ko yafatwa, biba ngombwa ko ahungira mu mashyamba y'inzitane mu gihe cy'ubukonje bwinshi n'imiyaga ikaze.

Yaravuze ati : "Mu byumweru cumi na bine nazereraga mu gihe kibi cyane, ntarya kandi ntagoheka. Ariko ibikona ni byo byangabuririye mu butayu," kandi akenshi ibiti by'inganzamarumbo bifite imyobo ni byo yikingagamo.[343] Nguko uko yakomezaga guhunga bimubabaje anyura mu rubura no mu mashyamba y'inzitane kugeza ubwo yashoboye kubona ubuhungiro mu bwoko bumwe bw'Abahinde baje kumugirira icyizere kandi baramukunda ubwo yihatiraga kubigisha ukuri k'ubutumwa bwiza.

Nyuma y'amezi menshi yo kugenda yimuka azerera hirya no hino, amaherezo yaje kugera ku nkengero z'ikigobe cya Narragansett, aho ni ho yashinze urufatiro rwa Leta ya mbere y'ibihe by'amajyambere yemeraga uburenganzira bw'umuntu bwo kugira umudendezo mu by'idini. Ihame shingiro y'iyo koloni ya Roger Williams

340 Martyn, vol.5, p.340.

341 Bancroft, pt.1, ch.15, par.2

342 Ibid., pt.1,ch.15, par.10.

343 Martyn, vol.5, pp.349, 350

ryari uko, "umuntu wese akwiriye kugira umudendezo wo kuramya Imana akurikije umucyo w'umutimanama we."[344] Iyo Leta ye ntoya yitwaga Rhode Island, yahereye ko ihinduka ubuhungiro bw'abakandamizwaga bose, maze irakura, irakungahara kugeza ubwo ya mahame yayo shingiro ari yo – umudendezo mu by'ubutegetsi bwa Leta n'umudendezo mu by'idini – byaje guhinduka amabuye-fatizo Repubulika ya Amerika ishingiyeho.

Muri iyo nyandiko nini imaze igihe abashinze Repubulika ya Amerika basohoye yari ikubiyemo uburenganzira bwabo,- ari yo bise, "*Itangazwa ry'Ubwigenge*"[345] -bavuzemo batya bati: "Kuko ari ukuri kudashidikanywaho, twemera ko abantu bose baremwe kimwe; ko bose bahawe n'Umuremyi wabo uburenganzira budahinduka; kandi ko muri bwo harimo : ubuzima, umudendezo no gushakisha ibyabanezeza." Kandi mu magambo asobanutse neza, itegeko-nshinga ryemeza ko umutimanama w'umuntu utavogerwa rigira riti: "Nta genzura mu by'idini rizigera risabwa ngo ribe icyangombwa umuntu akwiriye kuzuza ngo abone umwanya cyangwa umurimo uwo ari wo wose mu butegetsi bwa Leta muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika." "Inama nkuru ntizigera ishyiraho itegeko ryerekeranye no gushyiraho idini cyangwa itegeko ribuzanya gukora iby'idini uko umuntu ashatse."

"Abatunganyije Itegeko-nshinga bazirikanye ihame ridakuka rivuga ko imibanire y'umuntu n'Imana ye iri hejuru y'amategeko ashyirwaho n'abantu, kandi ko uburenganzira bw'umutimanama budakuka. Gushyiraho uku kuri ntibyasabaga kubanza kugarirwaho abantu bashyira mu gaciro, kuko buri wese akuzi mu mutima we. Uko kuri k'umutimanama ni ko kwakomeje abahowe ukwizera kwabo benshi cyane ubwo bicwaga urubozo kandi bagatwikwa kubwo kutumvira amategeko yashyizweho n'abantu. Bumvaga ko inshingano yabo ku Mana iruta cyane amategeko y'abantu, kandi ko abantu badafite uburenganzira bwo gutegeka umutimanama wabo. Ni ihame umuntu wese avukana adashobora gukurwamo n'ikintu icyo ari cyo cyose."[346]

Ubwo inkuru yasakaraga mu bihugu by'i Burayi ko hari ahantu umuntu wese yishimira imbuto z'umurimo we kandi agakurikiza ibyo umutimanama we umwemeza nta nkomyi, abantu ibihumbi n'ibihumbi bafashe urugendo berekeza ku nkombe za Amerika (Isi Nshya). Ibihugu by'ubukoloni byiyongereye vuba vuba. "Leta ya Massachusets, mu itegeko ryayo ridasanzwe, yemeje ko izajya yakira kandi igafasha Abakristo bose bayizamo ikoresheje umutungo wayo kandi itarobanuye igihugu bakomokamo, igihe cyose bazaba bahunga inzara, intambara cyangwa gutotezwa bakambukiranya inyanja ya Atlantika. Uko ni ko hakurikijwe itegeko, abahungagaga bose n'abari barakandamijwe bagiye bafatwa nk'abashyitsi muri icyo gihugu."[347] "Mu myaka makumyabiri nyuma yuko abantu ba mbere bageze i Plymouth, Abagenzi ibihumbi byinshi bari bamaze gutura ahiswe Ubwongereza Bushya [muri Amerika].

Kugira ngo bagere ku cyo bifuzaga, "bashimishwaga no kunguka duke

344 Ibid.,vol.5, p.354.

345 The Declaration of Independence

346 Congressional documents (USA), serial No.200, document No.271.

347 Martyn, vol.5, p.417

baheshwaga n'imibereho yo kudapfusha ubusa ndetse no gukora cyane. Nta kindi bitegaga kubona mu butaka uretse umusaruro nyakuri uva ku mihati yabo. Ntacyo bemereraga kubashukashuka cyabashaga kuba hafi y'inzira biyemeje kunyuramo . . . Bashimishwaga n'amajyambere agerwaho buhoro buhoro ariko mu buryo buhamye mu mibanire yabo. Bihanganiraga ubuzima bubagoye bwo mu butayu, bakavomerera igiti cy'umudendezo barira kandi babira icyuya kugeza igihe cyashingiye umuzi kigahama muri icyo gihugu."

Bafataga ko Bibiliya yose ari yo shingiro ryo kwizera, isoko y'ubwenge, n'ishingiro ry'umudendezo. Amahame ya Bibiliya yitabwaho akigishwa mu ngo, mu mashuri no mu nsengero kandi yeraga amatunda y'ubushobozi, ubwenge, ubutungane no kwirinda. Washoboraga kuba aho abo bantu b'abanyadini bari batuye ukahamara imyaka myinshi ariko "ntiwigere ubona umuntu wasinze, cyangwa ngo wumve urahira ibinyoma, cyangwa ngo ubone usabiriza."[348] Byari byaragaragaye ko amahame ya Bibiliya ari yo arinda ubusugire bw'igihugu by'ukuri akagihesha gukomera. Twa turere tw'ubukoloni twari dufite intege nke kandi tutegeranye twaje gukura dukora ishyirahamwe rya za Leta zikomeye, maze abatuye isi batangazwa no kubona amahoro no kugubwa neza by'"itorero ritayobowe na Papa ndetse na Leta idategekwa n'umwami."

Ariko umubare w'abambukaga berekeje ku nkengero za Amerika wakomezaga kwiyongera, nyamara babaga babitewe n'impamvu itandukanye cyane n'iy'ababanjirije. Nubwo kwizera n'ubutungane byarangaga aba mbere byagiraga imbaraga yiganza kandi ihindura, ubushobozi bwabyo bwagiye bugabanyuka bitewe n'uko umubare w'abashakaga inyungu z'iby'isi gusa wiyongeraga.

Itegeko ryari ryarashyizweho n'abigaruriye utwo turere bwa mbere ryaheshaga abanyadini gusa uburenganzira bwo gutora cyangwa kubona umurimo mu butegetsi bwa Leta, ryaje guteza ingaruka mbi cyane. Icyo cyemezo cyari cyarafashwe ari uburyo bwo kubungabunga ubutungane bwa Leta, ariko cyaje kubyara gusaya mu bibi kw'itorero. Kubera ko kugaragaza ko hari idini ubarizwamo ari byo byashingirwagaho kugira ngo ushobore gutora kandi ubone umwanya mu butegetsi, byatumye abantu benshi babaga bakuruwe n'impamvu za politiki y'isi gusa bifatanya n'itorero nyamara batigeze bahinduka mu mitima. Uko ni ko ku rwego ruhambaye amatorero yaje kuzurwa n'abantu batihanye by'ukuri, ndetse no mu bavugabutumwa ntiharimo abemera inyigisho z'ibinyoma gusa, ahubwo ntibari banazi imbaraga ya Mwuka Muziranenge ihindura umuntu akaba mushya. Bityo hongeye kugaragara ingaruka mbi, nk'izagiye zigaragara kenshi mu mateka y'itorero uhereye mu gihe cya Konsitantine kugeza igihe cya none. Izo ngaruka zabaye izo kugerageza kubaka itorero hakoreshejwe ubufasha bwa Leta ndetse no kwiyambaza imbaraga z'ab'isi mu gushyigikira ubutumwa bwiza bw'uwavuze ati: "Ubwami bwanjye si ubw'iyi si."[349] Ukwifatanya kw'itorero na Leta, uko kwaba kuri ku rwego ruto cyane kose, nubwo kubasha kugaragara ko kwatuma ab'isi begera itorero, mu by'ukuri icyo gukora ni ugutuma itorero ari ryo ryegera isi.

Ihame ry'ingenzi Robinson na Roger Williams bari bashyigikiye cyane,

348 Bancroft, pt.1, ch.19, par.25

349 Yohana 18:36

ryavugaga ko ukuri guhora gutera imbere kandi ko Abakristo bakwiriye guhora biteguye kwemera umucyo wose ubasha kurasa uva mu ijambo ryera ry'Imana, ababakomotseho baje kuriteshukaho. Amatorero y'Abaporotesitanti muri Amerika n'ayo mu Burayi, nubwo yari yarahiriwe cyane kubwo kwakira imigisha yakomotse ku Bugorozi, yaje kunanirwa gukomeza gukurikira inzira y'ubugorozi. Nubwo uko ibihe byahaga ibindi abantu b'indakemwa bahagurukaga bakamamaza ukuri gushya kandi bakagaragaza amakosa yabaga yarabaye akarande, nk'uko byagendekeye Abayuda mu gihe cya Kristo cyangwa abayoboke ba Papa mu gihe cya Luteri, umubare munini w'abantu wishimiraga kwemera ibyo ba sekuruza babo bemeraga no kubaho nk'uko babagaho. Bityo, idini ryongeye gusubira mu mihango gusa, bituma ryizirika kandi rikundwakaza amakosa n'imigenzo y'ibinyoma, byagombaga kuba byararetswe iyo rikomeza kugendera mu mucyo w'ijambo ry'Imana. Uko ni ko umwuka watangijwe n'Ubugorozi wagiye ukendera buhoro buhoro kugeza ubwo habayeho ubukene bukomeye cyane bw'ivugurura mu matorero ya Giporotesitanti nk'uko byari bimeze mu Itorero ry'i Roma mu bihe bya Luteri. Nk'uko byari biri mu gihe cya mbere, icyo gihe hariho gukunda iby'isi no gusinzira mu by'umwuka, hariho kandi guha agaciro ibitekerezo by'abantu no gusimbuza inyigisho z'ijambo ry'Imana amahame y'abantu.

Ikwirakwizwa rikomeye rya Bibiliya mu itangira ry'ikinyejana cya cumi n'icyenda, ndetse n'umucyo utangaje wamurikishirijwe abatuye isi yose muri ubwo buryo, ntibyakurikiwe n'amajyambere yo kumenya ukuri kwahishuwe, cyangwa iyobokamana rigaragarira mu bikorwa. Nk'uko byari byaragenze mu bihe byabanje, Satani ntiyari agishoboye gukura ijambo ry'Imana mu bantu; ryari rifitwe na bose; ariko kugira ngo agere ku mugambi we, yateye benshi kuriha agaciro gake. Abantu bakerensaga kwiga Ibyanditswe, maze kubw'ibyo bakomeza kwemera ubusobanuro butari bwo ndetse no gukomera ku mahame adafite ishingiro muri Bibiliya.

Satani amaze kubona ko imbaraga yakoresheje ngo atsembe ukuri yifashishije itoteza zibaye imfabusa, yongeye gukoresha umugambi w'ubwumvikane wari waragejeje abantu mu buhakanyi bukomeye ndetse n'ishingwa ry'Itorero ry'i Roma. Ubu noneho ntiyateje Abakristo kwifatanya n'abapagani, ahubwo bifatanyije n'abantu, kubwo kwirundurira mu by'isi, bigaragazaga ko mu by'ukuri basenga ibigirwamana nk'uko abasengaga ibishushanyo bibajwe bari bameze. Kandi noneho ubu ingaruka z'uko kwifatanya zari mbi cyane nk'uko byagenze mu myaka yashize; ubwibone no gukabya byahawe icyicaro byitwikiriye idini maze amatorero asaya mu bibi. Satani yakomeje kugoreka inyigisho za Bibiliya kandi imigenzo yagombaga kurimbura miliyoni nyinshi z'abantu yarushagaho gushinga imizi. Itorero ryimikaga kandi rigashyigikira iyo migenzo aho kugira ngo riharanire kandi rirengere "ukwizera kwahawe abera." Uko ni ko amahame Abagorozi bari barashyizeho kandi bakayarenganyirizwa bikomeye yaje guteshwa agaciro.

IGICE CYA 17

INTEGUZA ZA MUGITONDO

Umugabane umwe w'ukuri kw'ingenzi kandi kunejeje bihebuje kwahishuwe na Bibiliya, ni ukuvuga ibyo kugaruka kwa Kristo aje gusoza umurimo ukomeye wo gucungura umuntu. Ubwoko bw'Imana bwabaye mu rugendo, bukamara igihe butuye mu "gihugu no mu gicucu cy'urupfu," bufite ibyiringiro bishyitse kandi bitera ibyishimo bakura mu isezerano ryo kugaruka kwa Kristo, we "kuzuka n'ubugingo," ubwo azaba aje "kugarura imuhira abe bagizwe ibicibwa." Inyigisho yo kugaruka kwa Kristo ni yo pfundo rw'Ibyanditswe Byera. Kuva umunsi Adamu na Eva bavaga muri Edeni babogoza amarira, abana b'Imana bakomeje gutegereza ukuza k'Uwasezeranywe aje gutsemba imbaraga y'umurimbuzi, maze akabagarura muri Paradizo batakaje. Intungane z'Imana zo mu gihe cya kera zategereje kuza kwa Mesiya mu ikuzo rye, ngo ibyiringiro byabo bisohore. Enoki wo ku gisekuru cya karindwi uhereye ku bigeze gutura muri Edeni, wa wundi wagendanye n'Imana ku isi imyaka magana atatu, yashoboye kubonera kure kugaruka k'Umucunguzi. Yaravuze ati: "Dore, Uwiteka yazanye n'inzovu nyinshi z'abera be kugira ngo agirire bose ibihura n'amateka baciriweho."[350] Mu ijoro ry'umubabaro we, umukurambere Yobu yavuganye ijwi rirenga ryuzuye ibyiringiro bitanyeganyezwa ati: "Nzi yuko Umucunguzi wanjye ariho, kandi ko amaherezo azahagarara mu isi. . . nzareba Imana, mfite umubiri. Nzayireba ubwanjye, amaso yanjye azayitegereza, si ay'undi."[351]

Kugaruka kwa Kristo uzaza kwima ingoma y'ubutabera, byagiye bitera abanditsi b'Ibyanditswe Byera kuvuga amagambo meza cyane kandi ateye ubwuzu. Abasizi n'abahanuzi bo muri Bibiliya babyibanzeho cyane mu magambo yagurumagana umuriro mvajuru. Umwanditsi wa Zaburi yaririmbye ubushobozi n'igitinyiro by'Umwami wa Isiraheli ati: "Kuri Siyoni, aho ubwiza butagira inenge, ni ho Imana irabagiraniye. Imana yacu izaza ye guceceka; . . . . Izahamagara ijuru ryo hejuru n'isi na yo; kugira ngo icire ubwoko bwayo urubanza."[352] "Ijuru rinezerwe, isi yishime; inyanja ihorerane n'ibiyuzuye. Imbere y'Uwiteka, kuko agiye kuza, agacira abari mu isi imanza. Azacira abari mu isi imanza zitabera, azacira amahanga imanza zihwanye n'umurava we."[353]

Umuhanuzi Yesaya yaravuze ati: "Ababa mu mukungugu mwe, nimukanguke muririmbe, kuko ikime cyawe kimeze nk'igitonda ku byatsi, kandi ubutaka buzajugunya abapfuye." "Kandi urupfu azarumira bunguri kugeza iteka ryose. Uwiteka Imana izahanagura amarira ku maso yose; n'igitutsi batuka ubwoko bwayo azagikura ku isi hose. Uwiteka niwe ubivuze. Nuko uwo munsi bazavuga ngo: "Iyi

350 Yuda 14, 15
351 Yobu 19:25-27
352 Zaburi 50:2-4
353 Zaburi 96:11-13

ni yo Mana yacu twategerezaga, ni yo izadukiza. Uyu ni we Uwiteka twategerezaga, tuzanezerwa twishimire agakiza ke."[354]

Na Habakuki ubwo yaterurwaga akajya mu iyerekwa, yabonye kugaruka kwa Kristo. "Imana yaje iturutse i Temani, ni Iyera iturutse ku musozi Parani. Ubwiza bwayo bwakwiriye ijuru, kandi isi yuzuye gusingizwa kwayo. Kurabagirana kwayo kwari kumeze nk'umucyo." "Irahagarara, igera urugero rw'isi; iritegereza, itataniriza amahanga hirya no hino; Imisozi ihoraho irasandara; udusozi tudashira turika; imigenzereze yayo ihoraho iteka ryose." "Kugira ngo ugendere ku mafarashi yawe, no ku magare y'agakiza kawe." "Imisozi yarakubonye, ihinda umushyitsi; amasumo y'amazi arahita; imuhengeri humvikanisha ijwi ryaho, hategera amaboko yaho hejuru. Izuba n'ukwezi bihagarara mu kibanza cyabyo, ku bw'umucyo imyambi yawe yagendanaga, no ku bwo kwaka kw'icumu ryawe rirabagirana." "Wazanywe no gukiza ubwoko bwawe, kandi no gukiza uwawe wasize."[355]

Igihe Umukiza yari hafi gutandukana n'abigishwa be, yabahumurije mu mibabaro yabo, abasezeranira ko azagaruka agira ati: "Ntimuhagarike imitima yanyu . . . Mu rugo rwa Data harimo amazu menshi. Ngiye kubategurira ahanyu. Kandi ubwo ngiye kubategurira ahanyu, nzagaruka mbajyane iwanjye, ngo aho ndi, namwe muzabeyo."[356] "Umwana w'umuntu ubwo azazana n'abamarayika bose, afite ubwiza bwe, ni bwo azicara ku ntebe y'ubwiza bwe: amahanga yose azateranirizwa imbere ye. "[357]

Abamarayika bamanutse ku musozi wa Elayono nyuma yo kuzamurwa mu ijuru kwa Kristo, basubiriyemo abigishwa rya sezerano ryo kugaruka kwa Kristo bati: "Yesu, ubakuwemo akazamurwa mu ijuru, azaza atyo, nk'uko mumubonye ajya mu ijuru."(Ibyakozwe 1:11). Ubwo intumwa Pawulo yavugishwaga na Mwuka w'Imana, yarahamije ati: "Kuko Umwami ubwe azaza, amanutse ava mu ijuru, aranguruye ijwi rirenga, hamwe n'ijwi rya Marayika ukomeye, n'impanda y'Imana nuko abapfiriye muri Kristo ni bo bazabanza kuzuka."[358] Umuhanuzi wo ku kirwa cya Patimosi aravuga ati: "Dore arazana n'ibicu, kandi amaso yose azamureba. "[359]

Kuza kwe kuzaba kugaragiwe n'ikuzo ry'"ibintu byose bizongera gutunganirizwa, nk'uko Imana yavugiye mu kanwa k'abahanuzi bera bayo bose, uhereye kera kose."[360] Ubwo ni bwo ingoma y'umubi yamaze igihe kirekire izakurwaho. "Ubwami bw'isi buzaba ubw'Umwami wacu n'ubwa Kristo we, kandi azahora ku ngoma iteka ryose."[361] "Maze icyubahiro cy'Uwiteka kizahishurwa, kandi abantu bose bazakibonera rimwe, kuko akanwa k'Uwiteka ari ko kabivuze." "Nk'uko ubutaka bumera umumero, kandi nk'uko umurima umeramo imbuto ziwuhinzwemo, ni ko Umwami Imana izameza gukiranuka n'ishimwe imbere y'amahanga yose." "Uwo munsi Uwiteka Nyiringabo azabera abantu be barokotse ikamba ry'icyubahiro n'umurimbo."[362]

354 Yesaya 26:19; 25:8, 9
355 Habakuki 3:3, 4, 6, 8, 10, 11, 13
356 Yohana 14:1-3.
357 Matayo 25:31, 32
358 1 Abatesalonike 4:16
359 Ibyahishuwe 1:7
360 Ibyakozwe 3:21
361 Ibyahishuwe 11:15
362 Yesaya 40:5; 61:11; 28:5

Ubwo nibwo ingoma y'amahoro kandi yategerejwe igihe kirekire ya Mesiya izashyirwaho mu ijuru. "Uwiteka ahumurije i Siyoni n'imyanya yaho yose yabaye imyirare arayihumurije; ubutayu bwaho abuhinduye nka Edeni, n'ikidaturwa cyaho akigize nka ya ngobyi y'Uwiteka." "Buzahabwa ubwiza bw'i Lebanoni n'igikundiro cy'i Karumeli n'i Sharoni." "Ntuzongera kwitwa Intabwa, n'igihugu cyawe ntikizongera kwitwa Umwirare; ahubwo uzitwa Inkundwakazi n'igihugu cyawe kizitwa Uwashyingiwe." "Kandi nk'uko umukwe anezererwa umugeni, ni ko Uwiteka Imana yawe izakunezererwa. "[636]

Kugaruka kwa Yesu kwakomeje kubera abayoboke be ibyiringiro bihoraho mu bihe byose. Isezerano Umukiza yatanze ubwo yasezeraga ari ku musozi wa Elayono ko azagaruka, ryateye abigishwa kubona neza ahazaza habo, ryuzuza imitima yabo ibyishimo n'ibyiringiro bidashobora gucogozwa n'umubabaro cyangwa ngo ibigeragezo bibikureho. Igihe babaga bari mu mibabaro n'akarengane, isezerano ryo "kugaruka kw'Imana ikomeye n'Umukiza wacu Yesu-Kristo" ni ryo ryababeraga "ibyiringiro by'umugisha." Igihe Abakristo b'i Tesalonike bari bashenguwe n'agahinda ubwo bahambaga incuti zabo bakundaga kandi zariringiraga ko zizaba zikiriho zikabona Umukiza agarutse, Pawulo wari umwigisha wabo yerekeje intekerezo zabo ku muzuko uzabaho ubwo Umukiza azaba agarutse. Icyo gihe ni bwo abapfira muri Kristo bazazuka maze bazamukane n'abazaba bakiri bazima, bajye gusanganira Umukiza mu kirere. Yarababwiye ati: "Nuko rero tuzabana n'Umwami iteka ryose. Nuko mumaranishe imibabaro kubwirana ayo magambo."[364]

Ubwo yari ku kirwa cy'ibihanamanga cya Patimosi, umwigishwa wakundwaga yumvise iri sezerano ngo: "Dore ndaza vuba," maze igisubizo cye cyarimo urukumbuzi cyatura isengesho ry'itorero riri mu rugendo ati: "Amen, ngwino Mwami Yesu."[365]

Muri za gereza, ku mambo, no mu mbago, intungane n'abishwe bazira kwizera kwabo bahamirije ukuri, uko imyaka ihita indi igataha, ni ko haturuka amagambo yatura kwizera kwabo n'ibyiringiro bari bafite. "Amaze kwemera bidasubirwaho iby'umuzuko wa Kristo, kandi ko kubw'ibyo na we azazuka ubwo Kristo azaba agarutse, umwe muri abo Bakristo yaravuze ati: "basuzuguraga urupfu, bakagaragara ko barurusha imbaraga."[366]

Bishimiraga kumanuka bajya mu gituro, kuko "bagombaga kuzavamo banesheje."[367] Bari bategereje "Umukiza ugomba kuva mu ijuru aje mu bicu no mu ikuzo rya Se," "maze akazanira intungane ingoma izahoraho." Abawalidense na bo bari bafite uko kwizera.[368] Wycliffe yari ategereje kugaruka kw'Umucunguzi nk'ibyiringiro by'itorero. [369]

Luteri yaravuze ati: "Niringira rwose ntashidikanya ko imyaka magana atatu itazuzura umunsi w'urubanza utaragera. Imana ntishaka kandi ntishobora gukomeza

363 Yesaya 51:3; 35:2; 62:4, 5
364 1 Abatesalonike 4:16-18
365 Ibyahishuwe 22:20
366 Daniel T. Taylor, The Reign of Christ on Earth: or, The Voice of the Church in All Ages, p. 33.
367 Ibid., p.54
368 Ibid., pp.120-132
369 Ibid.,pp.132-134

kwihanganira iyi si yacumuye." "Umunsi ukomeye ubwo ingoma y'ibibi izakurwaho uregereje."[370]

Melanchthon [Melakitoni] yaravuze ati: "Iyi si ishaje iri hafi kugera ku iherezo ryayo." Kaluvini arararikira Abakristo "kudashidikanya ngo babure kwifuza cyane umunsi wo kugaruka kwa Kristo uzaba ari uw'umunezero uruta iyindi yose yabayeho," kandi avuga ko, "umuryango wose w'abizera utazabura kubona uwo munsi." "Tugomba gusonzera kuzabona Kristo, tugomba kumushaka, kumutegereza, kugeza mu museke w'uwo munsi ukomeye, ubwo Umukiza wacu azerekana byuzuye ubwiza bw'ubwami Bwe."[371]

Umugorozi Knox [Nogisi] wo muri Sikotilandi na we yaravuze ati: "Mbese Umukiza wacu Yesu–Kristo ntiyajyanye umubiri wacu mu ijuru? Mbese ntazagaruka? Tuzi ko azagaruka kandi ntazatinda." Ridley na Latimer, bemeye guhara ubuzima bwabo bazira ukuri, bari barategereje kugaruka k'Umukiza bizeye. Ridley yaranditse ati: "Nta gushidikanya isi igeze ku musozo; ibyo ndabyizeye rwose. Nimutyo dufatanye n'umugaragu w'Imana Yohana, maze turangururire mu mitima yacu tubwira Umukiza wacu Yesu Kristo tuti, "ngwino Mwami Yesu!"[372]

Uwitwa Baxister [Bakisita] yaravuze ati: "Gutekereza ko Umukiza agiye kugaruka biranezeza cyane kandi bikanshimisha."[373] "Gukunda kugaruka k'Umukiza no gutegereza ibyo byiringiro by'umugisha ni wo murimo wo kwizera kandi ni na wo muco uranga intore ze." "Niba urupfu ari rwo mwanzi wa nyuma uzatsembwaho ku munsi w'umuzuko, dushobora kumenya uburyo abizera bari bakwiriye kwifuza cyane kandi mu masengesho yabo bagasabira kugaruka bwangu k'Umukiza wabo, ubwo iyo nsinzi ishyitse kandi iheruka izaba igezweho."[374] "Uyu ni umunsi abizera bose bari bakwiriye kwifuza kubera ko ari wo uzaba ari umuzoso w'umurimo wose wakozwe wo kubacungura, kandi ukaba iherezo ry'ibyifuzo n'imihati by'ubugingo bwabo." "Mwami mwiza, bangutsa uwo munsi w'ihumure!"[375] Ibyo ni byo byari ibyiringiro by'itorero ry'intumwa, iby'itorero ryo "mu butayu" ndetse n'itorero ry'Abagorozi.

Ntabwo ubuhanuzi buvuga gusa uko Kristo azagaruka ndetse n'umugambi w'uko kugaruka, ahubwo bunerekana ibimenyetso abantu bagomba kumenyeraho ko kugaruka kwe kwegereje. Yesu yaravuze ati: "Kandi hazaba ibimenyetso ku zuba no ku kwezi no ku nyenyeri."(Luka 21:25) "Izuba rizijima, n'ukwezi ntikuzava umwezi wako, n'inyenyeri zizagwa ziva mu ijuru, n'imbaraga zo mu ijuru zizanyeganyega. Ubwo nibwo bazabona Umwana w'umuntu aje ku bicu, afite ubushobozi bwinshi n'ubwiza."[376] Umwanditsi w'Ibyahishuwe na we yavuze ibimenyetso bya mbere mu bimenyetso bizabanziriza kugaruka kwe ati: "habaho igishyitsi cyinshi; izuba ririrabura nk'ikigunira kiboheshejwe ubwoya; ukwezi kose guhinduka nk'amaraso."(Ibyahishuwe 6:12).

370 Ibid., pp.158, 134.
371 Ibid., pp.158, 134
372 Ibid.,pp.151, 152
373 Richard Baxter, Works, vol.17, p.555.
374 Ibid., vol.17, p.500.
375 Ibid.,vol.17,pp. 182,183
376 Mariko 13:24-26

Ibyo bimenyetso byagaragaye mbere y'itangira ry'ikinyejana cya cumi n'icyenda. Mu rwego rwo gusohora k'ubu buhanuzi, mu mwaka wa 1755 habayemo umutingito w'isi ukomeye bikabije utarigeze ubaho. Nubwo uwo mutingito uzwi ku izina ry'umutingito w'i Lisbone, wageze ku gice kinini cy'umugabane w'Uburayi, Afrika ndetse na Amerika. Wumvikanye kandi i Greenland [Grinilandi], mu burengerazuba bw'Ubuhinde, ku kirwa cya Madeira, muri Noruveje, muri Suwedi, mu Bwongereza no muri Ireland. Wakwiriye ahantu hafite ubuso buruta kilometero kare miliyoni icumi. Muri Afrika, uwo mutingito wabaye mwinshi cyane nko mu Burayi. Umugabane munini w'umujyi wa Alije (muri Alijeriya) warasenyutse; kandi umudugudu muto wari hafi cyane ya Maroko wari utuwe n'abantu bari hagati y'ibihumbi umunani n'icumi wararigise urazimangatana burundu. Umuraba ukomeye warengeye inkengero za Esipanye na Afurika maze urengera imijyi bityo wangiza byinshi cyane.

Muri Esipanye no muri Porutigali niho uwo mutingito wibasiye cyane. Bavuga ko mu mujyi wa Kadizi, umuvumba w'amazi yisukaga ku nkombe wari ufite ubuhagarike bugera kuri metero cumi n'umunani. "Imisozi imwe yari miremire cyane muri Porutigali yaranyeganyeze bikomeye nk'aho uwo mutingito uturutse mu mfatiro zayo, indi yagiye isadukira mu mpinga zayo mu buryo butangaje, maze amahindure menshi asohokamo asandara mu bibaya biyikikije. Bavuga ko ibirimi by'umuriro byaturukaga muri iyo misozi."[377]

I Lisbone "humvikanye urusaku rw'inkuba ihindiye ikuzimu maze hahita hakurikiraho umutingito ufite imbaraga nyinshi washenye umugabane munini w'uwo mujyi. Mu gihe cy'iminota igera kuri itandatu, abantu ibihumbi mirongo itandatu barapfuye. Ubwa mbere, amazi y'inyanja yasubiye inyuma asiga inkengero zumutse maze yongera kugarukana ubukana afite ubuhagarike bwa metero cumi n'eshanu cyangwa zirenga ku rugero yari asanzwe ariho." "Mu bindi bintu bidasanzwe bivugwa ko byabaye i Lisbone muri icyo gihe cy'akaga, ni ukurigita k'urukuta rushya aho amato yahagararaga, rwarigitiye mu nyanja. Rwari rwarubakishijwe amabuye y'agaciro kandi rutwara umutungo munini. Abantu benshi cyane bari bahahungiye kugira ngo bakire, ariko mu kanya gato, rwa rukuta rugari na rwo rurarindimuka rurarigita, ku buryo nta murambo n'umwe washoboye kureremba hejuru y'amazi."[378]

Uwo mutingito wahise ukurikirwa no gusenyuka kw'ibigo by'abapadiri n'insengero zose, hafi y'amazu manini yose ya Leta, ndetse n'umugabane uruta kimwe cya kane cy'amazu y'abaturage. Mu gihe kijya kugera ku masaha abiri nyuma y'ako kaga, umuriro wadutse mu duce dutandukanye two muri uwo mujyi. Uwo muriro wari ukaze cyane kandi wamaze hafi iminsi itatu ku buryo umujyi wose wari umaze kuba umusaka. Uwo mutingito wabaye ku munsi mukuru, ubwo insengero n'ibigo by'abihaye Imana byari byuzuyemo abantu benshi, kandi muri bo hashoboye kurokoka bake cyane."[379] "Ubwoba abantu bari bafite nta wabona uko abusobanura. Nta muntu wariraga kuko wari umubabaro urengeje kurira. Abantu birukiraga hirya no hino, bafite ubwoba bwinshi no gutangara, bikubita mu maso no mu gituza

377 Sir Charles Lyell, Principles of Geology, p.495
378 Ibid.,p.495
379 Encyclopedia Americana, art. «Lisbon,» note (ed.1831)

kandi batakamba bikomeye bati: 'Tugirire impuhwe! Isi igeze ku iherezo!' Ababyeyi bibagiwe abana babo maze birukira hirya no hino bambaye amashapure. Ikibabaje, abantu benshi birukiraga mu nsengero ngo bahakirire; nyamara guhabwa ukarisitiya no guhobera za aritari byababaye iby'ubusa kuko yaba amashusho, abapadiri, ndetse n'abaturage bose batikiriye hamwe." "Byavuzwe ko umubare w'abapfuye kuri uwo munsi uteye ubwoba waba ugera ku bihumbi mirongo icyenda."

Nyuma y'imyaka makumyabiri n'itanu ibyo bibaye, nibwo habonetse ikindi kimenyetso cyavuzwe n'ubuhanuzi, ari cyo kwijima kw'izuba n'ukwezi. Icyatumye kandi icyo kimenyetso kirushaho gutangaza, ni uko igihe cyo gusohora kwacyo kwari kwaravuzwe neza. Mu kiganiro Umukiza yagiranye n'abigishwa be mu musozi wa Elayono, amaze kuvuga iby'igihe cy'akaga itorero ry'Imana rizanyuramo, (ari yo myaka 1260 y'itoteza ryakozwe n'ubupapa nyamara akaba yarasezeranye ko icyo gihe cy'umubabaro kizagirwa kigufi), byatumye avuga ibyagombaga kubanziriza kugaruka kwe, kandi avuga n'igihe ibimenyetso bya mbere byagombaga kubonekera: "Ariko muri iyo minsi, hanyuma y'uwo mubabaro, izuba rizijima, n'ukwezi ntikuzava umwezi wako."[385] Iyo minsi cyangwa imyaka 1260 yarangiye mu mwaka wa 1798. Itoteza ryasaga n'iryahagaze mu myaka nka makumyabiri n'itanu mbere y'aho. Nk'uko Kristo yavivuze, nyuma y'iryo toteza izuba ryagombaga kwijima. Ubu buhanuzi bwasohoye ku wa 19 Gicurasi 1780.

"Umunsi w'umwijima wo ku wa 19 Gicurasi 1780, wabaye amayobera ndetse uba igitangaza kitigeze kubaho. Umwijima utabona uko usobanurwa wakwiriye ijuru ryose n'ikirere cy'igihugu cy'Ubwongereza Bushya."[381]

Umuntu wabibonye wabaga muri Leta ya Massachusetts avuga iby'uwo mwijima muri aya magambo: "Mu gitondo izuba ryararashe umucyo uratangaza, ariko mu kanya gato ririjima. Ibicu byaramanutse byegera hasi, maze biturukamo umwijima uteye ubwoba. Ibyo bicu bimaze kugaragara, imirabyo yahise irabya, inkuba zirakubita maze hagwa imvura nke. Ahagana saa tatu za mu gitondo, bya bicu byaragabanutse, maze ibintu birahinduka, maze isi, ibitare, ibiti, inyubako, amazi ndetse n'abantu bahindurwa n'umucyo utunguranye utari uwo ku isi. Hashize iminota mike, igicu cyijimye kiremereye cyatwikiriye ikirere cyose uretse umucyo muke cyane wagaragaraga imuhero kandi hari hijimye nk'uko biba bimeze saa tatu z'ijoro mu gihe cy'impeshyi. . .

"Ubwoba, guhagarika umutima, ndetse no gutangara byarushagaho kuzura intekerezo z'abantu. Abagore bahagararaga ku miryango y'inzu, bakitegereza icyo kirere cyijimye; abagabo bahise bataha bava mu mirimo bakoreraga mu mirima; ababaji bahagarika imirimo yabo, abacuzi na bo biba bityo, ndetse n'abacuruzi. Amashuri yahise afunga abanyeshuri barataha, maze abana biruka bahinda umushyitsi bajya iwabo. Abari mu nzira bagenda bahagaze ku mazu yari hafi yabo. Buri muntu wese yaribazaga ati: "Ni iki kigiye kuba?" Byasaga n'aho umuyaga ukaze ugiye kwisuka mu gihugu cyangwa nk'aho ari umunsi w'iherezo rya byose.

"Bacanye amatara maze yaka nk'aho ari mu ijoro ricuze umwijima ryo mu gihe cy'umuhindo. . . Inkoko n'ibishuhe byaratashye bijya aho birara, amashyo n'imikumbi birataha, ibikeri biragonga, inyoni ziririmba indirimbo zazo za nimugoroba ndetse

380 Mariko 13:24
381 R.M. Devens, Our First Century, p.89

n'uducurama dutangira kuguruka. Nyamara abantu bo bari bazi ko butari bwira ...

"Dogiteri Nathanael Whittaker wari umupasitoro w'itorero rya Tabernacle i Salem, yayoboreye imihango yo kuramya Imana mu nzu yaberagamo inama maze abwiriza ikibwirizwa yahamirijemo ko uwo mwijima ari indengakamere. Amateraniro yo gusenga yateranye ahandi hantu henshi. Amasomo yasomwe mu buryo butunguranye yose yasaga n'ayerekana ko uwo mwijima uhuje n'ubuhanuzi Ibyanditswe bivuga. . . Bimaze kurenga saa tanu za mu gitondo, umwijima warushijeho kuba mwinshi."[382] "Mu duce twinshi tw'igihugu byari bikomeye mu gihe cy'amanywa, ku buryo abantu batashoboraga kuvuga igihe bifashishije isaha cyangwa ngo babashe gukora imirimo yabo yo mu rugo batabashije gucana amatara. . .

"Uwo mwijima wakwiriye ahantu hagari cyane. Wagaragaye mu karere ka kure cyane ka Falmouth gaherereye iburasirazuba. Iburengerazuba, uwo mwijima wageze mu karere kitaruye cyane ka Konekitikati (Connecticut) no mu mujyi wa Alibaniya (Albany). Mu majyepfo, wagaragaye ku nkengero z'inyanja, kandi mu majyaruguru waragiye ugera ku mpera ya kure ya Amerika."[383]

Isaha imwe cyangwa abiri mbere y'uko bugoroba, umwijima w'uwo munsi wakurikiwe n'agacyo gake maze izuba rirarasa, nyamara ryari ritwikiriwe n'igicu cy'umukara cya rukokoma. "Izuba rimaze kurenga, ibicu byongeyeye kuba byinshi maze buhita bwira." "Umwijima wa nijoro ntiwari usanzwe, kandi wari uteye ubwoba nk'uko uwo ku manywa wari umeze. Nubwo ukwezi kwari gusanzwe kugaragara kose, nta kintu umuntu yabashaga kubona atifashishije urumuri rundi. Iyo umuntu yarubonaga mu ngo zimukikije n'ahandi hamwitaruye, rwasaga n'ururi kubonekera mu mwijima nk'uwo muri Egiputa wari umeze nk'utacengerwamo n'imyambi y'umucyo."[384] Umuntu wabonye ibyo yaravuze ati: "Muri ibyo bihe, sinashoboraga kubura kubona ko ibiva byose by'ijuru n'isi byatwikiriwe n'umwijima mwinshi cyangwa byashizeho, umwijima ntiwajyaga gushobora kurushaho gusabagira hose."[385] Nubwo ku isaha ya saa tatu z'iryo joro ukwezi kwabonetse kuzuye, "ntikwari gufite imbaraga na nke zo kwirukana umwijima wari umeze nk'igicucu cy'urupfu." Nyuma ya saa sita z'ijoro wa mwijima warashize, maze ukwezi kubonetse ubwa mbere kuza gusa n'amaraso.

Itariki ya 19 Gicurasi 1780, mu mateka iyo tariki yiswe, "Umunsi w'Umwijima." Guhera mu gihe cya Mose, nta gihe cyigeze kibaho cy'umwijima ukomeye kandi wamaze igihe kirekire, ukanakwira ahantu hanini nk'uwo. Uko uwo munsi wari umeze nk'uko byavuzwe n'abawuboneshejе amaso yabo, ni ukwirangira kw'amagambo y'Umukiza yari yaravuzwe n'umuhanuzi Yoweli wari warabyanditse mu myaka ibihumbi bibiri na magana atanu mbere y'uko bisohora. Yoweli yari yaravuze ati: "Izuba rizahinduka umwijima, n'ukwezi kuzahinduka amaraso, uwo munsi mukuru w'Uwiteka uteye ubwoba utaraza."[386]

Kristo yari yarasabye abigishwa be kuba maso bakita ku bimenyetso byo kugaruka

382 The Essex Antiquarian, April, 1899, vol.3, No.4, pp.53,54.
383 William Gorden, History of the Rise, Progress, and Establishment of the Independence of the USA., vol.3, p.57.
384 Isaiah Thomas, Massachusetts Spy; or, American Oracle of Liberty, vol.10, No.472 (May 25, 1780).
385 Letter by Dr.Samuel Tenney, of Exeter, New Hampshire, December, 1785 (in Massachusetts Historical Society Collections, 1792, 1st series, vol.1, p.97).
386 Yoweli 2:31

kwe, kandi bakazishima ubwo bari kubona ibigaragaza kugaruka k'Umwami wabo. "Nuko ibyo nibitangira kubaho, muzarararame, mwubure imitwe yanyu, kuko gucungurwa kwanyu kuzaba kwenda gusohora." Umukiza yeretse abayoboke be ibiti byari bigiye kubumbura uburabyo mu gihe cy'umuhindo, maze arababwira ati: "Iyo bimaze gutoha, murabireba mukamenya ubwanyu ko igihe cy'impeshyi kiri bugufi; nuko namwe nimubona ibyo bibaye, muzamenye yuko ubwami bw'Imana buri hafi."[387]

Nyamara uko mu itorero umutima wo kwicisha bugufi no kwitanga wasimburwaga no kwibona no kwishingikiriza ku mihango gusa, gukunda Kristo no kwizera ibyo kugaruka kwe byarakonje. Batwawe no gukunda iby'isi no gushaka ibibanezeza, maze abiyitaga ubwoko bw'Imana baba impumyi, bibagirwa amabwiriza y'Umukiza yerekeranye n'ibimenyetso byo kuza kwe. Inyigisho zivuga ibyo kugaruka kwe ntizitaweho; ibyanditswe bikuvugaho byasobanuwe nabi bihindukira abantu umwijima, kugeza ubwo byirengagijwe ndetse biribagirana burundu. Uko niko byagenze by'umwihariko mu matorero yo muri Amerika. Umudendezo no kugubwa neza abantu b'inzego zose bari bafite, irari rikabije ryo gushaka gukungahara no kwinezeza, gutwarwa no gushaka amafaranga, guharanira kwamamara no gukomera byasaga n'ibishakwa na bose, byateye abantu kwerekeza inyungu zabo n'ibyiringiro byabo ku bintu by'ubu buzima maze bigiza kure rwose iby'urya munsi ukomeye, ubwo ibikorwa ku isi byose bizahinduka ubusa.

Igihe Umukiza yabwiraga abayoboke be ibimenyetso byo kugaruka kwe, yanababwiye ibyo gusubira inyuma mu kwizera bizabanziriza kugaruka kwe. Nk'uko byagenze mu minsi ya Nowa, hazabaho ibikorwa ndetse n'ubucuruzi bw'iby'isi no gushaka ibinezeza - bazaba bagura, bagurisha, bahinga, bubaka, barongora, bashyingira; bibagirwe Imana n'iby'ubuzima bw'igihe kizaza. Kristo yaburiye abariho muri iki gihe avuga ati: "Ariko mwirinde, imitima yanyu ye kuremererwa n'ivutu no gusinda, n'amaganya y'isi, uwo munsi ukazabatungura." "Nuko rero mujye muba maso, musenge iminsi yose, kugira ngo mubone kurokoka ibyo byose byenda kubaho, no guhagarara imbere y'Umwana w'umuntu."[388]

Uko itorero rimeze muri iki gihe byavuzwe mu magambo y'Umukiza mu Byahishuwe ngo: "Ufite izina ry'uko uriho, nyamara ukaba uri intumbi." Kandi abantu banga kuva mu mutekano babamo udafite icyo ushingiyeho bahabwa uyu muburo ukomeye ngo; "Ariko rero nutaba maso, nzaza nk'umujura, nawe ntuzamenya igihe nzagutungurira."[389]

Byari ngombwa ko abantu baburirwa ibyo akaga kabategereje; kugira ngo bitume bitegura ibigiye kuba bijyanye n'irangira ry'igihe cy'imbabazi. Umuhanuzi w'Imana aravuga ati: "kandi umunsi w'Uwiteka ni mukuru uteye ubwoba cyane. Ni nde wabasha kuwihanganira?" Ni nde "ufite mu maso hatunganye adakunda kureba ikibi, habe no kwitegereza ubugoryi" uzabasha guhagarara ubwo Kristo azaba aje?[390] Ni abavuga bati; "'Mana yacu, turakuzi',[391]" nyamara twishe isezerano ryawe, kandi

387 Luka 21:28, 30, 31
388 Luka 21:34, 36
389 Ibyahishuwe 3:1, 3
390 Habakuki 1:13 Yoweli 2:11
391 Hoseya 8:2, 1

twakurikiye iyindi mana, duhisha ubugome bwacu mu mitima maze dukunda inzira zo gukiranirwa." Ku bantu nk'abo, umunsi w'Uwiteka ni umunsi w'"umwijima ntabwo ari umucyo, ndetse ni umwijima w'icuraburindi utagira umucyo na mba."[392] Uhoraho yaravuze ati: "Icyo gihe, nzashakisha muri Yerusalemu imuri, mpane abantu bibumbiye hamwe nk'inzoga y'itende, bibwira mu mitima yabo bati: 'Ari icyiza ari n'ikibi, Uwiteka nta cyo azadutwara.'"[393] "Nzahana ab'isi mbahora ibyo bakoze bibi, n'abanyabyaha nzabahana mbahora gukiranirwa kwabo; nzamaraho ubwibone bw'abibone, n'agasuzuguro k'abanyagitinyiro nzagacisha bugufi."[394] "Ifeza zabo n'izahabu zabo ntabwo bizabasha kubakiza ku munsi w'uburakari bw'Uwiteka. [. . .] Kandi ubutunzi bwabo buzagendaho iminyago, n'amazu yabo azaba imisaka."[395]

Ubwo umuhanuzi Yeremiya yerekwaga iby'uyu munsi uteye ubwoba, yaratatse ati: "Ye baba we, ye baba we! Mfite umubabaro mu gisenge cy'umutima; umutima wanjye uradihagura, naniwe kwiyumanganya; kuko wumvise ijwi ry'impanda, n'induru z'intambara mu mutima wanjye. Kurimbuka guhamagara ukundi kuko igihugu cyose kinyazwe."[396]

"Uwo munsi ni umunsi w'uburakari, ni umunsi w'amakuba n'umubabaro, ni umunsi wo kurimbura no kwangiza, ni umunsi urimo umwijima n'ibihu, ni umunsi w'ibicu n'umwijima w'icuraburindi. Ni umunsi wo kuvuza impanda n'induru."[397] "Dore umunsi w'Uwiteka uraje, uzazana uburakari bw'inkazi n'umujinya mwinshi, uhindure igihugu imyirare, urimbure n'abanyabyaha bo muri cyo bashireho."[398]

Kubw'uwo munsi ukomeye, ijambo ry'Imana rikoresheje imvugo yumvikana kandi ikora ku mutima, rihamagarira ubwoko bw'Imana gukanguka bukava mu iroro ry'iby'umwuka kandi bugashaka mu maso hayo bwihanye kandi bwicishije bugufi. "Nimuvugirize impanda i Siyoni, muvugirize induru ku musozi wanjye muziranenge, abatuye mu gihugu bose bahinde umushyitsi: kuko umunsi w'Uwiteka uje, ugeze hafi." "Muvugirize impanda i Siyoni, mutegeke kwiyiriza ubusa, mugire iteraniro ryera; muteranye abantu mweze iteraniro, muteranye abakuru n'abana n'abakiri ku ibere; umukwe nasohoke mu nzu n'umugeni mu nzu yarongorewemo. Abatambyi bakorera Uwiteka nibaririre hagati y'umuryango w'urusengero n'igicaniro." "Nimungarukire n'imitima yanyu yose, mwiyirize ubusa, murire muboroge. Imitima yanyu abe ari yo mutanyura mureke imyenda yanyu, muhindukirire Uwiteka Imana yanyu; kuko igira impuhwe, yuzuwe n'imbabazi, ntiyihutira kurakara ahubwo ihorana ibambe ryinshi."[399]

Umurimo ukomeye w'ivugurura wagombaga gukorwa kugira ngo abantu bategurirwe kuzahagarara muri urya munsi w'Imana. Imana yabonaga ko benshi mu bavuga ko ari ubwoko bwayo batubakiraga ubuzima bw'iteka ryose, bituma mu mpuhwe zayo yohereza ubutumwa bw'imbuzi bwo kubakangura kugira ngo bave muri iryo roro ndetse no kubatera kwitegura kugaruka k'Umukiza.

392 Hoseya 8:2,1; Zaburi 16:4; Amosi 5:20
393 Zefaniya 1:12
394 Yesaya 13:11
395 Zefaniya 1:18, 13
396 Yeremiya 4:19, 20
397 Zefaniya 1:15, 16
398 Yesaya 13:9
399 Yoweli 2:1, 15-17, 12, 13.

Ubwo butumwa bw'imbuzi tububwirwa mu gitabo cy'Ibyahishuwe 14. Muri iki gice, tuhabona ubutumwa butatu bugaragazwa ko bwavuzwe n'abamarayika bavuye mu ijuru kandi bwahise bukurikirwa no kugaruka k'Umwana w'umuntu aje "gusarura ibisarurwa byo mu isi." Umuburo wa mbere muri iyo uvuga iby'urubanza ruri bugufi. Umuhanuzi yabonye " marayika wundi aguruka aringanije ijuru, afite ubutumwa bwiza bw'iteka ryose, ngo abubwire abari mu isi, bo mu mahanga yose, n'imiryango yose n'indimi zose n'amoko yose. Avuga ijwi rirenga ati: 'Nimwubahe Imana, muyihimbaze; kuko igihe cyo gucira abantu urubanza gisohoye, muramye Iyaremye ijuru n'isi n'inyanja n'amasoko.'"[400]

Ubu butumwa buvugwa ko ari umugabane umwe w'"ubutumwa bwiza bw'iteka ryose." Ntabwo umurimo wo kubwiriza ubutumwa bwiza wahawe abamarayika, ahubwo ni inshingano yahawe abantu. Abamarayika batacumuye bakoreshejwe mu kuyobora uyu murimo, bashinzwe ibikorwa biremereye bifite umugambi wo guhesha abantu agakiza; ariko ivugabutumwa ubwaryo rikorwa n'abayoboke ba Kristo bari ku isi.

Abantu b'indahemuka, bumvira bakemera gukoreshwa na Mwuka w'Imana kandi bakumvira inyigisho z'ijambo ryayo, ni bo bagombaga kubwira abatuye isi uyu muburo. Abo ni ba bandi bitondera "ijambo ryahanuwe rirushaho gukomera" kuko "rimeze nk'itabaza rimurikira ahacuze umwijima rigakesha ijoro, rikageza aho inyenyeri yo mu rururuturu izabandurira."[401] Bashakashatse ubwenge buva ku Mana babirutisha ubutunzi bwose buhishwe, kuko babonaga ko "kubugenza biruta kugenza ifeza, kandi indamu yabwo iruta iy'izahabu nziza."[402] Uhoraho na We yabahishuriye ibikomeye by'ubwami. "Ibihishwe by'Uwiteka bihishurirwe abamwubaha, azabereke isezerano rye."[403]

Ntabwo ab'intiti mu by'iyobokamana ari bo bari basobanukiwe n'uku kuri kandi ngo birundurire mu kukwamamaza. Iyo aba bajya kuba abarinzi b'indahemuka, biga Ibyanditswe babishimikiriye kandi basenga, bajyaga kumenya isaha y'ijoro; ubuhanuzi bwajyaga kubamenyesha ibigiye kubaho. Ariko ntibababaye muri uwo mwanya, bityo ubwo butumwa buvugwa n'abantu bacishije bugufi cyane. Yesu yaravuze ati: "Nimugende mugifite umucyo, butabiriraho mukiri mu nzira, kuko ugenda mu mwijima atamenya iyo ajya."[404] Abantu batera umugongo umucyo Imana yatanze, cyangwa se bakirengagiza kuwushaka igihe ukiri bugufi bwabo, bene abo barekerwa mu mwijima. Ariko Umukiza aravuga ati: "Ni Jye mucyo w'isi: unkurikira ntazagenda mu mwijima na hato, ahubwo azaba afite umucyo w'ubugingo."[405] Umuntu wese ufite umugambi umwe wo gushaka gukora iby'Imana ishaka, agakurikiza by'ukuri umucyo yahawe, bene uwo ni we uzakira umucyo mwinshi kurutaho. Bene uwo azohererezwa umucyo wo kurabagirana kw'ijuru kugira ngo umuyobore mu kuri kose.

Igihe cyo kuza kwa Yesu bwa mbere, abatambyi n'abanditsi bo mu Murwa

400 Ibyahishuwe 14:6, 7
401 2 Petero 1:19
402 Imigani 3:14
403 Zaburi 25:14
404 Yohana 12:35
405 Yohana 8:12

Wera bari bararagijwe ibyanditswe bivuga ibyo Imana yakoze, bagombaga kuba baramenye ibimenyetso by'ibihe maze bakamamaza ubutumwa bwo kuza kwa Mesiya wasezeranwe. Ubuhanuzi bwa Mika bwari bwaravuze neza aho azavukira, na Daniyeli yari yaravuze igihe azazira.[406] Imana yari yarahaye abayobozi b'Abayuda ubwo buhanuzi. Niba batari bazi kandi ntibabwire abantu ko kuza kwa Mesiya kwegereje; nta rwitwazo bari bafite. Kutamenya kwabo byari ingaruka yo kwirengagiza gutewe n'ubunyacyaha bwabo. Abayuda bubakaga inzibutso z'abahanuzi babaga barishwe, kandi mu kubaha abakomeye bo ku isi babaga bari guha ikuzo abagaragu ba Satani. Bari baratwawe no guharanira imyanya n'ubutware mu bantu maze batakobwa icyubahiro cy'ijuru bari barahawe n'Umwami w'ijuru.

Abayobozi b'Abisiraheli bagombaga kuba barize bimbitse kandi mu cyubahiro cyinshi, ibyo ahantu, igihe, n'ibizajyanirana n'igikorwa gikomeye cyane mu mateka y'isi, ari cyo kuza k'Umwana w'Imana aje gusohoza igikorwa cyo gucungura umuntu. Abantu bose bagombaga kuba barabaye maso kandi bagategereza kugira ngo babe mu ba mbere bazakira Umucunguzi w'isi. Ariko murebe ibyabaye; abagenzi babiri bari bananiwe bamanuka bava ku misozi y'i Nazareti, begera i Betelehemu, bagenda mu nzira yaho y'impatanwa kandi ndende cyane barambukiranya bagera ku mpera y'iburasirazuba bw'uwo mujyi, bashakashaka aho baruhukira n'icumbi ryo kwikingamo muri iryo joro ariko ntibahabona. Nta rembo na rimwe ryabakinguriwe ngo bakirwe. Amaherezo, baje kubona aho kwikinga mu kiraro cy'inka, kandi aho niho Umukiza w'isi yavukiye.

Abamarayika bo mu ijuru bari barabonye ikuzo Umwana w'Imana yari asangiye na Se mbere y'uko isi iremwa, kandi bari barategereje bafite amatsiko menshi kuza kwe hano ku isi nk'ikintu kigomba gutera ibyishimo byinshi abantu bose. Hatumwe abamarayika bo kujyanira iyo nkuru nziza abantu bari biteguye kuyakira kandi bagombaga kuyimenyesha abatuye isi bose bishimye. Kristo yari yaricishije bugufi kugeza ubwo yemera kwambara kamere muntu; yagombaga kwikorera umutwaro w'umuvumo ubwo yagombaga gutangira ubugingo bwe kuba igitambo cy'ibyaha; nyamara abamarayika bo bifuzaga ko no muri uko kwicisha bugufi kwe, Umwana w'Isumbabyose yagombaga kugaragara imbere y'abantu afite icyubahiro n'ikuzo bijyanye n'imico ye. Mbese abakomeye bo mu isi ntibagombaga guteranira mu murwa mukuru wa Isiraheli kugira ngo bamwakire? Mbese ingabo nyinshi z'abamarayika ntizari kumuherekeza zikamugeza imbere y'iteraniro rinini rimutegereje?

Umumarayika umwe yaje gusura isi kugira ngo arebe abiteguye kwakira Yesu. Ariko nta kimenyetso yabonye cyo kumutegereza. Ntiyumvise ijwi ryo gusingiza no no kunesha riririmba ko igihe cyo kuza kwa Mesiya kiri hafi. Umumarayika yamaze akanya aguruka hejuru y'umurwa watoranyijwe ndetse n'urusengero, ahari haragiye hagaragara ubwiza bw'Imana mu myaka myinshi; nyamara n'aho ubwaho hagaragaraga kutagira icyo bitaho. Abatambyi, mu kwishyira hejuru n'ubwibone bwabo, bakomezaga gutambira mu rusengero ibitambo bidatunganye. Abafarisayo bavuganaga ijwi rirenga babwira rubanda cyangwa bakiherera mu mfuruka z'inzira bagasengana ubwirasi. Mu ngoro z'abami, mu biterane by'abantu b'injijuke, mu

406 Mika 5:2; Daniyeli 9:25

mashuri y'abigisha bakuru b'idini, nta muntu n'umwe wazirikanaga igihamya gitangaje cyari cyaratumye ijuru ryose ryuzura ibyishimo no guhimbaza cy'uko Umucunguzi w'abantu agiye kuvukira ku isi.

Nta kimenyetso cyahamyaga ko Kristo ategerejwe, kandi nta myiteguro yakozwe yo kwakira Igikomangoma gitanga ubugingo. Mu gutangara kwinshi, ya ntumwa y'ijuru yari igiye gusubirayo ijyanye inkuru iteye isoni, ariko ibona itsinda ry'abashumba bari barinze amatungo yabo nijoro, ubwo hari mu gicuku maze bakitegereza ikirere gitamirije inyenyeri, biga iby'ubuhanuzi bwa Mesiya ugomba kuza ku isi kandi bategerezanyije amatsiko kuza k'Umucunguzi w'isi. Aho niho yabonye abantu biteguye kwakira ubutumwa buvuye mu ijuru. Uwo mwanya, umumarayika w'Uwiteka arababonekera maze ababwira inkuru nziza itera umunezero mwinshi. Ikuzo ryo mu ijuru ryuzuye icyo kibaya, haboneka abamarayika benshi batabarika, maze biba nk'aho iyo nkuru itangaje cyane ku buryo itavugwa n'intumwa imwe ivuye mu ijuru, bityo amajwi menshi cyane aririmbira rimwe indirimbo izaririmbwa umunsi umwe n'amahanga yose y'abacunguwe ivuga iti: "Mu ijuru icyubahiro kibe icy'Imana, no mu isi amahoro abe mu bo yishimira."[407]

Mbega isomo tubona muri iki gitekerezo gitangaje cy'i Betelehemu! Mbega uburyo gicyaha kutizera kwacu, ubwibone bwacu no kumwa twihagije! Mbega uburyo iki gitekerezo kituburira ngo tube maso, kuko kubwo kwirengagiza kwacu bitewe n'ubugome, natwe tunanirwa gusobanukirwa n'ibimenyetso by'ibihe bityo ntitumenye umunsi twasuriwemo.

Ntabwo ku misozi y'i Yudaya gusa, mu bashumba boroheje gusa, ari ho abamarayika babonye abari bategereje ukuza kwa Mesiya. No mu bihugu by'abapagani hariyo abamutegereje. Abo bari abanyabwenge, abatunzi, abakomeye ndetse n'abacurabwenge bo mu Burasirazuba. Abigaga bakagenzura ibyaremwe, bari baraboneye Imana mu mirimo y'intoke Zayo. Bari barize mu Byanditswe bya Giheburayo iby'Inyenyeri yagombaga guturuka mu muryango wa Yakobo, kandi bari bategerezanyije amatsiko ukuza kwe, We utaragombaga kuba "Umuhumuriza wa Isirayeli," gusa ahubwo akanaba "Umucyo uvira Abanyamahanga,"[408] kandi akabera abantu "agakiza kugeza ku mpera z'isi." Bashakaga umucyo kandi umucyo waturukaga ku ntebe y'ubwami y'Imana wamurikiraga inzira banyuragamo. Abatambyi n'abigishamategeko b'i Yerusalemu, bari barashinzwe kurinda ukuri no kukwamamaza, mu gihe bari babundikiwe n'umwijima w'icuraburindi, inyenyeri mvajuru yayoboye abo banyamahanga aho Umwami mushya yavukiye.

Ni nako Kristo "azabonekera ubwa kabiri abamutegereza kubazanira agakiza."[409] Nk'uko byagenze ku nkuru yo kuvuka k'Umukiza, ntabwo ubutumwa bwo kugaruka kwe bwahawe abayobozi ba rubanda mu by'iyobokamana. Bari barananiwe gukomeza kubungabunga isano bafitanye n'Imana, kandi bari baranze umucyo uva mu ijuru; bityo rero ntibababarirwaga mu bo intumwa Pawulo avuga agira, ati: "Ariko mwebweho, bene Data, ntimuri mu mwijima, ngo uwo munsi ubatungure nk'umujura: kuko mwese muri abana b'umucyo n'abana b'amanywa. Ntituri ab'ijoro cyangwa ab'umwijima."[410]

407 Luka 2:14
408 Luka 2:25, 32; Ibyak. 13:47.
409 Abaheburayo 9:28
410 1 Abatesalonike 5:4, 5

Abarinzi bo ku nkike z'umurwa Siyoni ni bo bagombaga kuba aba mbere mu kumva inkuru yo kuza k'Umukiza, aba mbere mu kurangurura amajwi yabo bamamaza ko agiye kuza, kandi bakaba aba mbere mu kuburira abantu ngo bitegure ukuza kwe. Ahubwo bari biturije, bitekerereza iby'amahoro n'umutekano mu gihe abaturage bari basinziriye mu byaha. Yesu yitegereje itorero rye, abona rimeze nk'igiti cy'umutini kitera, gifite amababi atoshye ariko kitera amatunda. Hari hariho ubwibone bwo kubahiriza imihango y'idini gusa mu gihe umwuka wo kwicisha bugufi nyakuri, kwihana no kwizera byaburaga mu bantu kandi ari byo byonyine byagombaga kubahesha gukorera Imana ibyo ishima. Aho kubabonamo imbuto za Mwuka, hagaragaraga ubwibone, kwita ku mihango, guharanira ibyubahiro bidafite ishingiro, kwikanyiza n'ikandamiza. Itorero ryasubiye inyuma ryahumye amaso yaryo ryirengagiza kureba ibimenyetso by'ibihe. Ntabwo Imana yabatereranye cyangwa ngo yemere ko ubudahemuka bwayo butsindwa; ahubwo abantu bayivuyeho, maze bitandukanya n'urukundo rwayo. Kubera ko banze gukurikiza amabwiriza yayo, byatumye amasezerano yayo atabasohorezwa.

Iyi niyo ngaruka yo kwirengagiza guha agaciro no gukoresha neza umucyo n'amahirwe Imana itanga. Keretse gusa itorero niryemera kugendera mu nzira ryahawe n'Imana, rikemera umurasire wose w'umucyo kandi rigakora inshingano yose ribasha guhishurirwa, naho nibitaba bityo, byanze bikunze iyobokamana rizahenebera risigare ryubahiriza imihango gusa, kandi umwuka wo kubaha Imana ubure burundu. Uko kuri kwagiye kugaragara kenshi mu mateka y'itorero. Imana isaba ko ubwoko bwayo bugira ibikorwa bishingiye ku kwizera ndetse no kumvira kujyanye n'imigisha n'amahirwe buhabwa. Kumvira bisaba igitambo n'umusaraba; kandi niyo mpamvu abantu benshi mu bavuga ko ari abayoboke ba Kristo banze kwakira umucyo uva mu ijuru, kandi nk'uko byagendekeye Abayuda bo mu gihe cya kera, ntibabashije kumenya igihe bagenderewemo.[411] Kubera ubwibone bwabo no kutizera kwabo, Uhoraho yabahiseho maze ukuri kwe aguhishurira abantu bari baremeye gukurikiza umucyo wose bararikiwe nk'uko byabaye ku bashumba b'i Betelehemu n'abanyabwenge b'i Burasirazuba.

IGICE CYA 18

UMUGOROZI W'UMUNYAMERIKA

Umugabo w'intungane, wari umuhinzi-mworozi, ufite umutima wumvira kandi wari warageze aho ashidikanya ububasha mvajuru Ibyanditswe Biziranenge bifite, nyamara kandi akaba yarashakaga kumenya ukuri nta buryarya, ni we muntu Imana yatoranyije mu buryo bw'umwihariko, kugira ngo ajye ku ruhembe rw'imbere mu kwamamaza ukugaruka kwa Kristo. Kimwe n'abandi bagorozi benshi, William Miller yari yaragize imibereho y'ubukene mu buto bwe, bityo bituma yiga

411 Luka 19:44

amasomo akomeye yo gukoresha imbaraga no kwitanga. Abantu bo mu muryango yakomokagamo barangwaga n'umwuka wo kwigenga no gukunda umudendezo, ubushobozi bwo kwihangana, kandi bakarangwa no gukunda igihugu. Ibyo ni byo byanarangaga cyane imico ya William Miller. Se yari yarabaye umusirikare w'umukapiteni mu ngabo zo mu gihe cy'Impinduramatwara, kandi kwitanga kwe mu bihe by'intambara ndetse n'imibabaro yo muri ibyo bihe bikomeye ni byo bibasha kuba ari isoko iruhije yaranze imibereho yo mu buto bwa Miller.

Yari ateye neza afite amagara mazima, kandi no mu bwana bwe yagaragarwagaho n'ibimenyetso byo kuba umunyabwenge w'indengakamwere. Uko yakuraga ni ko ibyo byarushagaho kugaragara. Intekerezo ze zari zikangutse kandi zarateye imbere, bityo yagiraga inyota nyinshi yo kumenya. Nubwo atari yaragize amahirwe yo kwiga mu mashuri ya koleji, uko yakundaga kwiga no kugira akamenyero ko gutekerezanya ubushishozi ndetse no kugenzura ibivugwa, ibyo byose byatumye aba umugabo ufite ibitekerezo byiza kandi byumvikana. Yari afite imico itagira amakemwa no kumenyekana neza byifuzwa na benshi, muri rusange akarangwa n'ubupfura, kudatagaguza umutungo, no kugira ubuntu. Kubwo gukoresha imbaraga nyinshi no gushyiraho umwete, byatumye abasha kugera ku bukire akiri muto, nubwo ataretse akamenyero ke ko kwiga. Yakoze imirimo myinshi mu buyobozi bw'abaturage n'ubwa gisirikare, kandi inzira zo kugera ku bukire n'icyubahiro zasaga n'izimukinguriwe.

Nyina yari umubyeyi urangwa n'ubutungane, kandi mu bwana bwe, Miller yari yarigishijwe iby'idini. Ariko igihe yari ingimbi, yaje kuyoboka ishyirahamwe ry'abizeraga ko Imana yaremye isi ikayiha amategeko ikurikiza maze ntiyongere kuyitaho[412] bikururiragaho benshi bitewe n'uko abo bantu bari abaturage beza cyane, abantu bafite umutima wa kimuntu kandi b'abagwaneza. Kubera ko bari batuye hagati y'ibigo bya Gikristo, ku rwego runaka, imico yabo yari yarahinduwe n'ahabazengurutse. Bakeshaga Bibiliya imico yatumaga baba abantu bubashywe kandi biringirwa; nyamara izo mpano nziza zaje guteshwa umurongo kugeza ubwo zivamo imbaraga yarwanyaga ijambo ry'Imana. Kubwo kwifatanya n'abo bantu, byatumye Miller na we agira ibitekerezo nk'ibyabo. Ubusobanuro bw'Ibyanditswe Byera bwatangwaga icyo gihe bwamuteraga ingorane byasaga n'aho adashoboye kwihanganira; ariko nubwo imyizerere mishya yamuteraga kureka Bibiliya, na yo nta kintu cyiza yamuhaye cyashoboraga gusimbura Bibiliya, ahubwo yarushijeho kumva atanyuzwe. Nubwo byari bimeze bityo, yakomeje kugumana ibyo bitekerezo mu gihe cy'imyaka cumi n'ibiri. Ubwo yari afite imyaka mirongo itatu n'ine y'ubukuru, Mwuka Muziranenge yemeje umutima we ko ari umunyabyaha. Nta byiringiro yakuraga mu myizerere ye ya kera by'uko nyuma yo gupfa abasha kuzagira umunezero. Ahazaza he hari hijimye kandi hari ubwihebe. Nyuma y'aho, ubwo yavugaga uko yumvaga amerewe muri icyo gihe, yaravuze ati:

"Gutekereza ibyo kurimbuka burundu byanteraga ubwoba ngahinda umushyitsi, kandi gutekereza kuzabazwa ibyo umuntu yakoze byanyerekaga ko bizarimbuza abantu bose. Ijuru ryari rimbereye nk'umuringa hejuru y'umutwe wanjye, kandi isi yari imbereye nk'icyuma munsi y'ibirenge byanjye. Guhoraho iteka byari ibiki?

412 Deists

Kuki urupfu rwariho? Uko narushagaho kubitekereza, niko narushagaho kuba kure yo kubona ibisubizo. Uko narushagaho gutekereza, ni ko narushagaho gufata imyanzuro itandukanye. Nageragejeje guhagarika gutekereza, ariko sinashoboraga gutegeka intekerezo zanjye. Nari umunyabyago bihebuje ariko siniyumvishe impamvu. Narivugishaga kandi nkivovota ariko ntazi uwo nivovotera. Nari nzi ko hariho ikibi, ariko sinari nzi uko nabona igitunganye ndetse n'aho nakibona. Narariraga ariko nta byiringiro nari mfite."

Yabayeho atyo abimaramo amezi runaka. Aravuga ati: "Bidatinze, imico y'Umukiza yinjiye mu ntekerezo zanjye. Numva ko hagomba kuba hariho umuntu mwiza kandi w'umunyampuhwe witangiye ngo atwezeho ibicumuro byacu, bityo akadukiza umubabaro w'igihano cy'icyaha. Mperako numva ukuntu uwo muntu agomba kuba yuzuye urukundo, kandi ntekereza ko nkwiriye kwishyira mu maboko ye kandi nkiringira imbabazi ze. Nyamara muri njye havutse iki kibazo: Ese umuntu yagaragaza ate ko umuntu nk'uwo abaho? Uretse kubona igisubizo muri Bibiliya gusa, nasanze ko ntashobora kubona igihamya cy'uko Umukiza nk'uwo abaho, cyangwa iby'ubuzima bw'ahazaza. . .

"Nabonye ko Bibiliya yerekana uwo Mukiza nk'uko nabyifuzaga; kandi natangajwe no kubona uko igitabo kitahumetswe cyashobora gusobanura amahame mu buryo butunganye kandi buhuje rwose n'ubukene bw'isi yacumuye. Byabaye ngombwa ko nemera ko Ibyanditswe Byera bigomba kuba ari ihishurwa ryavuye ku Mana. Ibyanditswe byampindukiye umunezero kandi Yesu ambera incuti. Umukiza yampindukiye umutware uruta abandi bose, kandi Ibyanditswe byari byarambereye umwijiima ndetse nkabibonamo ibitekerezo bivuguruzanya, noneho byampindukiye itara rimurikira ibirenge byanjye n'umucyo umurikira inzira yanjye. Intekerezo zanjye zaratuje kandi ndanyurwa. Mbona ko Umwami Imana imbereye Igitare mu nyanja rwagati y'ubuzima. Noneho Bibiliya ni yo nigaga ku mwanya wa mbere, kandi mu by'ukuri nshobora kuvuga ko, 'Nayiganaga umunezero mwinshi.' Naje kuvumbura ko batari barambwiye n'icya kabiri cy'ibiyirimo. Nibajije impamvu ntari narigeze mbona ubwiza bwayo mbere, kandi ntangazwa no kuba nari narayirengagije. Ibintu byose umutima wanjye washoboraga kwifuza byarahishuwe, kandi mbona n'umuti w'indwara yose y'ubugingo bwanjye. Sinongera kugira amatsiko yo gusoma ibindi bintu byose, maze ndundurira umutima wanjye mu kwakira ubwenge buva ku Mana."[413]

Kuva ubwo, Miller yemeye ku mugaragaro ko yizera idini yari yaragiye asuzugura. Ariko incuti ze zitizeraga ntizabuze kuzana ibitekerezo byose nawe ubwe yajyaga atanga arwanya ubushobozi mvajuru Ibyanditswe bifite. Ntabwo rero yari yiteguye kubasubiza; ariko yatekereje ko niba Bibiliya ari ihishurwa ryakomotse ku Mana, igomba kwisobanura ubwayo; kandi atekereza ko ubwo yatangiwe kwigisha umuntu, igomba gusobanurwa kugira ngo abashe kuyumva. Yiyemeje kujya yiyigisha Ibyanditswe kugira ngo ashobore gusobanukirwa n'ibivuguruzanya muri Bibiliya niba ntaho bihurira bikuzuzanya.

Yihatiye kwirengagiza ibitekerezo byose byari bimurimo mbere, kandi yirinda gushyiraho ubusobanuro bwe bwite, akagereranya umurongo n'undi yifashishije

413 S.Bliss, Memories of Wm. Miller, pp.65-67.

amashakiro atangwa ku mpera z'urupapuro n'igitabo kiranga amasomo ya Bibiliya. Yakomeje kwiga adasiba mu buryo bunonosoye; atangirira mu Itangiriro, agasoma umurongo ku murongo. Ntiyihutaga atabanje kumva ubusobanuro bw'imirongo myinshi ngo busige ibitamusobanukiraga byose bishize. Iyo yahuraga n'isomo ritamusobanukiye, yari afite akamenyero ko kurigereranya n'andi masomo asa n'aho afitanye isano n'ingingo ariho. Buri jambo ryose ryahabwaga ubusobanuro bwaryo bwite mu ngingo isomo rivuga, kandi iyo uko yaryumvaga kwahuzaga n'amagambo bibangikanye, ntabwo ryakomezaga kumubera ingorane. Bityo, igihe cyose yahuraga n'umurongo uruhije gusobanukirwa, yabonaga ubusobanuro mu yindi mirongo y'Ibyanditswe. Uko yigaga kandi asenga asaba kumurikirwa n'ijuru, ibyari byaramubereye urujijo mbere ntashobore kubisobanukirwa byarasobanukaga akabyumva. Yasobanukiwe n'amagambo y'ukuri k'umunyazaburi avuga ngo: "Guhishurirwa amagambo yawe kuzana umucyo, guha abaswa ubwenge. "[414]

Yize igitabo cya Daniyeli n'Ibyahishuwe abishishikariye cyane, agakoresha uburyo bwo gusobanura nk'ubwo yakoreshaga yiga ibindi byanditswe, maze n'ibyishimo byinshi, abona ko ibimenyetso bikoreshwa mu buhanuzi bishobora kumvikana. Yabonye ko ubuhanuzi bwari bwaramaze gusohora bwasohoye nk'uko bwari bwaravuzwe; kandi ko imvugo shusho nyinshi, imigani n'isanisha ry'uburyo bwinshi . . . byagiye bisobanurwa muri ayo masomo bivugwamo, cyangwa se amagambo byakoreshejwemo akaba yarasobanuwe mu yindi mirongo, kandi iyo byasobanurwaga bityo, byumvikana nk'uko byanditswe mu buryo butaziguye. Miller yaravuze ati: "Uko ni ko nabashije kunyurwa n'uko Bibiliya ari urwunge rw'ukuri kwahishuwe, kwatanzwe mu buryo bwumvikana kandi bworoshye ku buryo abagendera mu nzira zayo nubwo baba ari abaswa, batazayoba."[415] Uko yagendaga avumbura imirongo ikomeye y'ubuhanuzi buhoro buhoro, ni ko umuhati we wamuheshaga kubona amapfundo agenda akurikiranye y'umurunga w'ubuhanuzi. Abamarayika bo mu ijuru bayoboraga intekerezo ze kandi bagasobanurira ubwenge bwe Ibyanditswe.

Afatiye ku buryo ubuhanuzi bwagiye busohora mu bihe byashize nk'ikintu ngenderwaho mu kwemeza ko ibyari bitarasohora bitazabura kubaho, yabashije kwemera ko igitekerezo cyari cyarabaye gikwira cyavugaga iby'ubwami bw'umwuka bwa Kristo (igihe cy'imyaka igihumbi kizabaho mbere y'uko isi irangira) kidashyigikiwe n'Ijambo ry'Imana. Iyi nyigisho yerekenaga imyaka igihumbi y'ubutungane n'amahoro izabaho mbere yo kugaruka kwa Kristo, yahakanaga ibiteye ubwoba bizaba ku munsi w'Imana. Nyamara uko iki gitekerezo cyaba kinejeje kose, kinyuranye n'inyigisho za Kristo n'abigishwa be bavuze ko ingano n'urukungu bigomba gukurana kugeza ku isarura, ari wo munsi w'imperuka y'isi; kandi ko "abantu babi n'abashukanyi bazarushaho kuba babi," kandi ko "mu minsi y'imperuka hazaza ibihe birushya;"[416] ko ubwami bw'umwijima buzakomeza kubaho kugeza igihe cyo kugaruka k'Umukiza, kandi ko ubwo bwami azaburimbuza umwuka uva mu kanwa ke, kandi akabutsembesha kuboneka k'ubwiza bwe. [417]

414 Zaburi 119:130
415 Bliss, p.70
416 2 Timoteyo 3:13, 1
417 Matayo 13:30, 38-41; 2Timoteyo 3:13 ; 2 Abatesalonike 2:8

Inyigisho yavugaga ko isi izahindurwa kandi hakabaho ubwami bw'umwuka bwa Kristo ntiyemerwaga n'itorero ry'intumwa. Muri rusange iyo nyigisho ntiyari yaremewe n'abakristo kugeza hafi mu itangira cy'ikinyejana cya cumi n'umunani. Kimwe n'andi makosa yose, nayo yateje ingaruka mbi. Yigishije abantu kureba kure mu gihe kizaza bagategereza kuza k'Umukiza kandi ikababuza kwita ku bimenyetso bibanziriza kuza kwe. Iyo nyigisho yateye abantu kumva bafite ibyiringiro n'umutekano bidafite aho bishingiye kandi ituma benshi bakerensa umwiteguro wa ngombwa kugira ngo bazasanganire Umukiza wabo.

Miller yabonye ko Ibyanditswe byigisha byeruye ibyo kuza kwa Kristo ku mugaragaro yiyiziye ubwe. Intumwa Pawulo aravuga ati: "Kuko Umwami ubwe azaza amanutse ava mu ijuru, aranguruye ijwi rirenga, hamwe n'ijwi rya marayika ukomeye n'impanda y'Imana . . . " Kandi Umukiza nawe yaravuze ati: "Ubwo nibwo ikimenyetso cy'Umwana w'umuntu kizabonekera mu ijuru, n'amoko yose yo mu isi ni bwo azaboroga abonye Umwana w'umuntu aje ku bicu byo mu ijuru, afite ubushobozi n'ubwiza bwinshi." "Kuko nk'uko umurabyo urabiriza iburasirazuba ukabonekera aho rirengera, ni ko no kuza k'Umwana w'umuntu kuzaba." Azaba aherekejwe n'ingabo zose zo mu ijuru. "Umwana w'umuntu ubwo azazana n'abamarayika bose, afite ubwiza bwe . . ." "Azatumisha abamarayika be ijwi rirenga ry'impanda, bateranye intore ze mu birere bine, uhereye impera y'ijuru ukageza iyindi mpera yaryo." [418]

Ubwo azaba aje, abakiranutsi bazaba barapfuye bazazurwa, kandi abakiranutsi bazaba bakiri bazima bazahindurwa. Pawulo yaravuze ati: "Dore, mbamenere ibanga: ntituzasinzira twese, ahubwo twese tuzahindurwa, mu kanya gato, ndetse mu kanya nk'ako guhumbya, ubwo impanda y'imperuka izavuga. Impanda izavuga koko, abapfuye bazurwe ubutazongera kubora, natwe duhindurwe; kuko uyu mubiri ubora ukwiriye kuzambikwa kutabora, kandi uyu mubiri upfa ukwiriye kuzambikwa kudapfa."[419] Kandi mu rwandiko rwe yandikiye Abanyatesalonike, ubwo yari amaze kuvuga ibyo kugaruka kwa Kristo, yaravuze ati: "Abapfiriye muri Kristo ni bo bazabanza kuzuka: maze natwe abazaba bakiriho basigaye, duhereko tujyananwe na bo tuzamuwe mu bicu, gusanganira Umwami mu kirere. Nuko tuzabana n'Umwami iteka ryose."[420]

Ubwoko bw'Imana ntibushobora kubona ubwami igihe Kristo ubwe azaba agarutse kitageze. Umukiza yaravuze ati: "Umwana w'umuntu ubwo azaba aje azazana n'abamarayika bose, afite ubwiza bwe, ni bwo azicara ku ntebe y'ubwiza bwe: amahanga yose azateranirizwa imbere ye, abarobanure nk'uko umwungeri arobanura intama mu ihene: intama azazishyira iburyo bwe, naho ihene azishyire ibumoso. Maze Umwami azabwira abari iburyo bwe ati: 'Nimuze mwebwe abo Data yahaye umugisha, muragwe ubwami bwababatunganirijwe uhereye ku kuremwa kw'isi.'"[421] Muri aya masomo, tumaze kubona ko ubwo Umwana w'umuntu azaza, abapfuye bazazuka ubutazongera kubora kandi ko abazaba bakiriho bazahindurwa. Kubw'uko guhindurwa gukomeye, bazaba biteguye kuragwa ubwami; kuko Pawulo

418 1 Abatesalonike 4:16; Matayo 24: 30, 27; 25:31; 24:31.
419 1 Abakorinto 15:51-53
420 1 Abatesalonike 4:16, 17
421 Matayo 25:31-34

avuga ati: "Abafite umubiri n'amaraso bisa ntibabasha kuragwa ubwami bw'Imana, kandi ibibora ntibibasha kuragwa ibitabora."[422] Umuntu uko ateye muri iki gihe, ni ikiremwa gipfa, arangirika; ariko ubwami bw'Imana ntibuzangirika, buzabaho iteka ryose. Kubw'iyo mpamvu, umuntu uko ateye ubu ntashobora kwinjira mu bwami bw'Imana. Ariko ubwo Yesu azaba aje, azaha abantu be kudapfa; maze abahamagare ngo baragwe ubwami bwabateguriwe.

Ayo masomo n'andi asa na yo yagaragarije neza intekerezo za Miller ko ibitegerejwe muri rusange kubaho mbere yo kugaruka kwa Kristo, nk'ubwami bw'amahoro ku isi yose ndetse no gushyirwaho k'ubwami bw'Imana ku isi, ko atari ko bimeze, ahubwo ko bizakurikira kugaruka kwe. Byongeye kandi, ibimenyetso byose by'ibihe n'uko isi yari imeze byari bihuje rwose n'ibyahanuwe bivuga ibihe biheruka. Ahereye ku byo yize mu Byanditswe byonyine, Miller yageze ku mwanzuro uvuga ko igihe cyahawe isi ngo ibe uko yari imeze icyo gihe cyari kigiye kurangira.

Yaravuze ati: "Ikindi gihamya cyakoze ku ntekerezo zanjye mu buryo bukomeye ni uruhererekane rw'Ibyanditswe ... Nabonye ko ibyari byaravuzwe ko bizaba byasohoye mu gihe cyashize, akenshi byababagaho mu gihe nyacyo byari byarahanuwe ko bizaba. Niko byabaye ku myaka ijana na makumyabiri yahanuriwe umwuzure (Itang. 6:3); iminsi irindwi yagomba kuwubanziriza, n'iminsi mirongo ine y'imvura yahanuwe (Itang. 7:4); imyaka magana ane urubyaro rwa Aburahamu ruzamara muri Egiputa (Itang. 15:13); iminsi itatu yo mu nzozi z'umuhereza wa vino n'iz'umuhereza w'imitsima (Itang. 40:12-20); imyaka irindwi ya Farawo (Itang. 41:28-54); imyaka mirongo ine mu butayu (Kubara14:34), imyaka itatu n'igice y'inzara (1Abami 17:1) [reba na Luka 4:25] . . imyaka mirongo irindwi yo kuba mu bunyage (Yeremiya 25:11); ibihe birindwi (imyaka) byahawe Nebukadinezari (Daniyeli 4:13-16); ibyumweru birindwi, ibyumweru mirongo itandatu na bibiri n'icyumweru kimwe byose bikoze ibyumweru mirongo irindwi byagenewe Abayuda (Daniyeli 9:24-27). Ibintu byabayeho byavuzwe igihe bizabera muri ibi bihe tubonye byose byari ibihe by'ubuhanuzi, kandi byasohoye nk'uko byari byarahanuwe."[423]

Kubw'iyo mpamvu, ubwo Miller yigaga Bibiliya, yabonye ibihe bitandukanye bikurikirana byagombaga kugera ku gihe cyo kugaruka kwa Kristo, akurikije uko yabyumvaga mu bwenge bwe, nta kindi yakoze uretse kubifata ko "ibihe byagenwe mbere," ibyo Imana yari yarahishuriye abagaragu bayo. Mose yaravuze ati: "Ibihishwe ni iby'Uwiteka Imana yacu, ariko ibyahishuwe ni ibyacu n'urubyaro rwacu iteka,"[424] kandi Umukiza yavugiye mu kanwa k'umuhanuzi Amosi ati: "Imana ntizagira icyo ikora itabanje guhishurira abagaragu bayo." Bityo rero, abiga ijambo ry'Imana bashobora gutegerezanya ibyiringiro ibigiye kuzabaho bitangaje bitigieze bibaho mu mateka y'abantu nk'uko byanditswe neza mu Ijambo ry'ukuri.

Miller yaravuze ati: "Ubwo nari maze kwemezwa rwose ko Ibyanditswe Byera byose byahumetswe n'Imana bifite umumaro wo kwigisha umuntu (2 Timoteyo 3;16); ko igihe cyose bitigeze bizanwa n'ubushake bw'umuntu, ko ahubwo abantu b'Imana bavugaga ibyavaga ku Mana bashorewe na Mwuka Muziranenge" (2Petero 1:21),

422 1 Abakorinto 15:50
423 Bliss, pp.74,75.
424 Gutegeka 29:29; Amosi 3:7

kandi bikaba byarandikiwe 'kutwigisha, kugira ngo kwihangana no guhumurizwa bitangwa na byo biduheshe ibyiringiro,' (Abaroma 15:4), nta kindi nakoze uretse gufata ko imigabane ikurikirana ya Bibiliya ari umugabane w'ijambo ry'Imana, kandi ko dukwiriye kubizirikana cyane tukabiha agaciro nk'indi migabane yose y'Ibyanditswe Byera. Kubw'ibyo, numvise ko mu gushishikarira gusobanukirwa icyo Imana, mu mbabazi zayo, yabonye ko bikwiriye ko ibiduhishurira, niyumvisemo ko ntafite uburenganzira bwo kwirengagiza iby'ibihe by'ubuhanuzi."[425]

Ubuhanuzi bwasaga n'ubuhishura neza kurutaho iby'igihe cyo kugaruka kwa Kristo, ni ubuhanuzi bwa Daniyeli 8:14: "Bizageza iminsi ibihumbi bibiri na magana atatu uko bukeye bukira: nyuma ubuturo bwera buzabone kwezwa." Akurikije itegeko yagenderagaho ko Ibyanditswe byisobanura ubwabyo, Miller yaje gusanga ko umunsi umwe mu mvugo ya gihanuzi uhagarariye umwaka umwe[426] ; yabonye ko igihe cy'iminsi 2300 y'ubuhanuzi, cyangwa se imyaka nyakuri, cyagombaga kurenga ku iherezo ry'igihe Abayuda bagombaga gushyirwa kuri gahunda kubw'itegeko ry'ijuru, kubw'ibyo rero, iyo myaka ntishobora kwerekeza ku buturo bw'icyo gihe cy'abayuda. Miller yahereye ko yemera igitekerezo cyemerwaga muri rusange ko mu gihe cya Gikristo isi ari ubuturo, bityo asobanukirwa ko kwezwa k'ubuturo kuvugwa muri Daniyeli 8:14, byerekeje ku kwezwa kw'isi yejeshwa umuriro ubwo Kristo azaba agarutse. Niba bimeze bityo rero, hashobra kuboneka igihe nyacyo cyo gutangira kw'iminsi 2300 maze Miller afata umwanzuro ko igihe cyo kugaruka kwa Kristo gishobora guhita cyemezwa. Bityo rero, igihe cya kwa kurimbuka gukomeye cyashoboraga guhishurwa, igihe ubwo uko isi iriho ubu, n'"ubwibone bwayo n'ubushobozi, ikuzo n'ubwirasi, ubugome no kurenganya, byagombaga kugira iherezo;" ubwo umuvumo "uzakurwa mu isi, urupfu rugakurwaho ubutazongera kubaho ukundi, igihe ingororano zizahabwa abagaragu b'Imana, abahanuzi n'abera kimwe n'abatinya izina ryayo bose; kandi abarimbura isi nabo bagatsembwaho."-[427]

Miller yakomeje kwiga ubuhanuzi afite ishyushyu n'umwete mwinshi, akamara iminsi n'amajoro yiga ibyo yavumburaga ko ari ingenzi kandi bikwiriye kwitabwaho. Ariko mu gice cya munani cy'igitabo cya Daniyeli ntiyashoboye kuhabona urufunguzo rumwereka itangiriro ry'iminsi 2 300; nubwo marayika Gaburiyeli yatumwe gusobanurira Daniyeli iby'izo nzozi, yamuhaye ubusobanuro butuzuye. Ubwo umuhanuzi yerekwaga itotezwa rikomeye ryagombaga kugwira itorero, yacitse intege. Ntiyashobora kwihangana igihe kirekire mu iyerekwa, maze marayika aba amuvuye hafi. Daniyeli "yacitse intege amara iminsi arwaye." Yaravuze ati: "natangajwe n'ibyo neretswe; nyamara nta muntu wabimenye."

Ariko Imana yari yabwiye intumwa yayo iti: "Sobanurira uwo muntu ibyo yeretswe." Iryo tegeko ryagombaga kubahirizwa. Kubwo kumvira iryo tegeko, marayika yagarutse kuri Daniyeli nyuma y'igihe runaka maze aramubwira ati: "ubu nzanywe no kungura ubwenge bwawe. . . Nuko iryo jambo uritekereze cyane, umenye n'ibyo weretswe."[428] Mu iyerekwa ryo mu gice cya 8 harimo ingingo imwe itarasobanuwe, ari yo yerekeranye n'igihe cy'iminsi 2 300. Bityo, ubwo marayika

425 Bliss, p.75.
426 Kubara 14:34; Ezekieli 4:6.
427 Bliss, p.76
428 Daniyeli 9:22, 23, 25-27

yasubukuraga ubusobanuro yamuhaga, yatinze cyane ku ngingo y'igihe:

"Ibyumweru mirongo irindwi bitegekewe ubwoko bwawe n'umurwa wera . . .Nuko ubimenye, ubyitegereze yuko uhereye igihe bazategekera kubaka i Yerusalemu bayisana kugeza kuri Mesiya Umutware, hazabaho ibyumweru birindwi; maze habeho ibindi byumweru mirongo itandatu na bibiri, bahubake basubizeho imiharuro n'impavu; ndetse bizakorwa mu bihe biruhije. Ibyo byumweru uko ari mirongo itandatu na bibiri nibishira, Mesiya azakurwaho, kandi ntacyo azaba asigaranye. . . Uwo mutware azasezerana na benshi isezerano rikomeye, rimare icyumweru kimwe. Nikigera hagati, azabuzanya ibitambo n'amaturo."

Umumarayika yohererejwe Daniyeli kubw'umugambi udasanzwe wo kumusobanurira icyo atari yasobanukiwe mu iyerekwa ryo mu gice cya munani, ari cyo: Ibyavuzwe byerekeranye n'igihe, "kigeza ku minsi 2 300 uko bukeye bukira, nyuma ubuturo bwera buzabone kwezwa." Marayika amaze kubwira Daniyeli ati: "Umva yewe mwana w'umuntu ibyo weretswe," amagambo ya mbere yavuze ni aya ngo, "Ibyumweru mirongo irindwi bitegekewe ubwoko bwawe n'umurwa wera." Ijambo ryasobanuwe aha ngaha ngo "byagenewe" cyangwa "bitegekewe" risobanura mu by'ukuri ngo, "byakuwe." Marayika avuga ko ibyumweru mirongo irindwi, bihwanye n'igihe cy'imyaka 490, bigomba gukurwaho, kubwo kugenerwa Abayuda by'umwihariko. Ariko se byagombaga gukurwa kuki? Kubera ko iminsi 2300 ari cyo gihe cyonyine kivugwa mu gice cya munani, kigomba kuba ari cyo gihe ibyumweru mirongo irindwi byakuweho. Bityo rero ibyumweru mirongo irindwi bigomba kuba ari umugabane umwe w'iminsi 2300, kandi ibyo bihe byombi bigomba gutangirira hamwe. Marayika yavuze ko ibyumweru mirongo irindwi byagombaga gutangirira igihe itegeko ryo gusana no kubaka Yerusalemu ryashyiriweho. Iyo tariki niba ishobora kuboneka, bityo rero kumenya itangiriro ry'icyo gihe cy'iminsi 2 300 byarashobokaga.

Iryo tegeko riboneka mu gice cya karindwi cy'igitabo cya Ezira.[429] Ryatanzwe uko ryakabaye n'umwami Aritazerusi w'Ubuperesi mu mwaka wa 457 mbere ya Yesu-Kristo. Ariko muri Ezira 6:14 havuga ko inzu y'Uwiteka i Yerusalemu yubatswe "kubw'itegeko rya Kuro na Dariyo ndetse n'irya Aritazerusi umwami w'Ubuperesi." Abo bami batatu, mu gushyiraho, kwemeza no kunonosora iryo tegeko, bahuje n'ibyo ubuhanuzi bwari bwaravuze riba itangiriro ry'imyaka 2300. Iyo ufashe umwaka wa 457 mbere ya Yesu-Kristo, ari cyo gihe iryo tegeko ryanonosowe rigashyirwaga mu bikorwa, nk'itariki yo gutanga iryo tegeko, usanga ko ikintu cyose cyavuzwe cyerekeranye n'ubuhanuzi bw'ibyumweru mirongo irindwi cyarasohoye.

"Kuva igihe itegeko ryo gusana no kubaka Yerusalemu ryatangiwe kugeza kuri Mesiya Umutware hagombaga kuba ibyumweru birindwi n'ibyumweru mirongo itandatu na bibiri," ni ukuvuga ibyumweru mirongo itandatu n'icyenda cyangwa imyaka 483. Itegeko rya Aritazerusi ryashyizwe mu bikorwa mu gihe cy'umuhindo w'umwaka wa 457 mbere ya Yesu-Kristo. Uhereye kuri iyo tariki, igihe cy'imyaka 483 kirangira mu mwaka wa 27 nyuma ya Yesu-Kristo. Icyo gihe rero nibwo ubu buhanuzi bwasohoreye. Ijambo, "Mesiya" risobanura "Uwasizwe." Mu muhindo w'umwaka wa 27 mu gihe cya Kristo, niho Kristo yabatijwe na Yohana kandi

429 Ezira 7:12-26

asigwa na Mwuka Muziranenge. Intumwa Petero ahamya ko; “Imana yasize Yesu w'i Nazareti imuha Mwuka Muziranenge n’imbaraga.”[430] Kandi n'Umukiza ubwe yarivugiye ati: “Umwuka w’Uwiteka ari muri jye, ni cyo cyatumye ansigira kugira ngo mbwirize abakene ubutumwa bwiza.”[431] Amaze kubatizwa, Yesu yagiye i Galilaya, “avuga ubutumwa bwiza bw’Imana, ati: ‘Igihe kirasohoye.”[432]

“Azasezerana na benshi isezerano rikomeye rimare icyumweru kimwe.” “Icyumweru” kivugwa ahangaha, ni cyo giheruka ibyumweru mirongo irindwi; ni ukuvuga imyaka irindwi iheruka igihe cyahawe Abayuda by'umwihariko. Muri iki gihe, uhereye muri 27 kugeza muri 34 nyuma ya Yesu-Kristo, bwabaye ubwa mbere Kristo ubwe atanga irarika ry'ubutumwa bwiza yoherereje Abayuda by'umwihariko kandi nyuma yaho akurikirwa n’abigishwa be. Ubwo abigishwa bagendaga bajyanye inkuru nziza y'ubwami, amabwiriza Umukiza yabahaye ni aya ngo: “Ntimuzajye mu bapagani cyangwa mu midugudu y’Abasamariya, ahubwo mujye mu ntama zazimiye z’umuryango wa Isirayeli.”[433]

“Icyumweru nikigera hagati, azabuzanya ibitambo n’amaturo.” Mu mwaka wa 31, imyaka itatu n’igice nyuma y'umubatizo we, Umukiza wacu yarabambwe. Gahunda y'ibitambo yari imaze imyaka ibihumbi bine yerekeza kuri Ntama w'Imana yarangiranye n'igitambo gihebuje ibindi cyatangiwe i Karuvali. Uwashushanywaga mu bigereranyo yari abonetse, bityo ibitambo byose n'amaturo byatangwaga muri gahunda y'imihango byagombaga guhagararira aho.

Nk'uko twabibonye, ibyumweru mirongo irindwi cyangwa imyaka 490, byahariwe ubwoko bw’Abayuda byarangiye mu mwaka wa 34 w’igihe turimo. Muri uwo mwaka, binyuze mu gikorwa cy’urukiko rukuru rw'Abayuda, ubwo bwoko bwahamije ko bwanze burundu ubutumwa bwiza bubinyujije mu kwicisha Sitefano amabuye no kurenganya abayoboke ba Kristo. Bityo, ubutumwa bw’agakiza ntibwaba bukigenewe ubwoko bwatoranyijwe gusa, ahubwo buhabwa abatuye isi yose. Abigishwa bahunze bakava muri Yerusalemu bitewe n’itotezwa “bagiye hirya no hino bagenda bamamaza ijambo ry’Imana.” “Filipo aramanuka ajya mu mudugudu w’i Samariya, ababwiriza ibya Kristo.”[434] Petero ayobowe n’Imana, yabwirije ubutumwa bwiza umusirikare utegeka abandi ijana w'i Kayizariya witwaga Koruneliyo kandi wubahaga Imana. Kandi na Pawulo wakoranaga umwete waje kwizera Kristo, yatumwe kujyana ubutumwa bwiza bw’agakiza “kure mu banyamahanga.”

Uko ni ko ikintu cyose cyavuzwe n'ubuhanuzi cyasohoye, kandi intangiriro y’ibyumweru mirongo irindwi igaragara ko yabayeho rwose mu mwaka 457 mbere ya Yesu-Kristo kandi ko byarangiye mu mwaka wa 34 nyuma ya Kristo. Iyo ibyo bishingiweho, nta ngorane zindi ziboneka mu kubona iherezo ry’iminsi 2300. Ibyumweru mirongo irindwi, cyangwa iminsi 490, byavanwe ku minsi 2300 bityo hasigara iminsi 1810. Nyuma y'iherezo ry’iminsi 490 hari hasigaye iminsi 1810 igomba nayo gusohora. Iyo ubaze imyaka 1810 uhereye mu mwaka wa 34 nyuma ya

430 Ibyakozwe 10:38
431 Luka 4:18
432 Mariko 1:14, 15
433 Matayo 10: 5, 6
434 Ibyakozwe 8:4, 5; 22:21

Kristo, usanga irangira mu mwaka wa 1844. Kubw'ibyo rero, iminsi 2300 yo muri Daniyeli 8:14 irangira mu mwaka wa 1844. Dukurikije ibyavuzwe na marayika w’Imana, ku iherezo ry'iki gihe kirekire cy'ubuhanuzi “ubuturo bwera bwagombaga kwezwa.” Bityo rero igihe cyo kwezwa k'ubuturo bwera – cyemerwaga hafi na bose ko kizabaho Kristo agarutse – cyagaragajwe nta shiti.

Miller n’abo bari bafatanyije babanje kwizera ko iminsi 2300 izarangira mu itumba ryo mu mwaka wa 1844, mu gihe ubuhanuzi bushyira iherezo ry’icyo gihe mu muhindo w’uwo mwaka. Ikosa ryakozwe kuri iyo ngingo ryateje gucika intege no guhangayika no kwiheba ku bari barashyize igihe cyo kugaruka kwa Kristo ku itariki ya mbere. Nyamara ibyo ntibyadohoye igitekerezo cyerekanaga ko iminsi 2300 yarangiye mu mwaka wa 1844, kandi ko igikorwa gikomeye cyagereranyijwe no kwezwa k'ubuturo bwera kigomba kubaho.

Miller yagiye kwiga Ibyanditswe Byera nk'uko yari yarabikoze, afite umugambi wo kumenya ko byahishuwe n’Imana koko. Agitangira Miller ntiyari yiteze na gato kugera ku mwanzuro yagezeho. Nawe ubwe kwizera ibyo agezeho byaramugoye. Ariko igihamya cy'Ibyanditswe byera cyarumvikanaga cyane kandi gifite imbaraga ku buryo cyakwirengagizwa.

Yari amaze imyaka ibiri yiga Bibiliya, ubwo mu mwaka wa 1818 yageraga ku mwanzuro ukomeye ko hafi mu myaka makumyabiri n’itanu, Kristo yagombaga kuza gucungura ubwoko bwe. Miller yaravuze ati: “Ntabwo nshobora kuvuga iby'ibyishimo byuzuye umutima wanjye kubwo gutekereza icyo nari ntegereje kinejeje, cyangwa ngo mvuge iby'urukumbuzi rwuzuye ubugingo bwanjye rwo kuzishimana n'abacunguwe. Noneho Bibiliya yari imbereye igitabo gishya. Yari ibaye aho ubwenge buhagirizwa; ibyahoze ari umwijima, amayobera kuri njye mu byo Bibiliya yigisha, byari byamaze gutamuruka mu ntekerezo zanjye mbere y'uko umucyo urabagirana urasa uturuka mu mpapuro zayo zera. Oh, mbega uburyo ukuri kwarabagiranaga kandi kukambera kwiza! Ibyavuguruzanyanga n'ibitarumvikanaga najyaga mbona mbere mu ijambo ry'Imana byarashize; kandi n’ubwo hari hakiriho imigabane myinshi y'iryo jambo nari ntaranyurwa n'ibyo ivuga noneho narasobanukiwe muburyo bwuzuye. Umucyo mwinshi wari wavuye muri iryo jambo kugira ngo umurikire ubwenge bwanjye bwari busanzwe mu mwijima, ku buryo numvise nezejwe no kwiga Ibyanditswe ntari narigeze nibwira ko bishobora gukomoka mu byo Bibiliya yigisha.”[435]

“Maze kwemera nta shiti yuko ibizabaho uko bivugwa mu Byanditswe, bigomba gusohora muri icyo gihe gito, kandi nshingiye ku gihamya cyari cyakoze ku ntekerezo zanjye, nagize ikibazo kinkomereye cyerekeranye n'inshingano mfite ku batuye iyi si.”[436] Ntiyashoboraga kwiyambura umutima umwumvisha ko afite inshingano yo kugeza ku bandi umucyo yari amaze kubona. Yari yiteze guhura n’abamurwanya baturutse mu batubaha Imana, ariko yari afite ibyiringiro yuko Abakristo bose bazashimishwa n'ibyiringiro byo kubona Umukiza bavugaga ko bakunda. Ubwoba yari afite gusa bwari uko, muri uko kwishimira cyane gucungurwa kwabo guhebuje kwari kugiye kubaho bidatinze, benshi bari kwakira

435 Bliss, pp.76,77
436 Ibid.,p.81

iyo nyigisho batabanje gusuzumana Ibyanditswe Byera ubwitonzi mu buryo buhagije ngo bagaragaze ukuri bivuga. Bityo rero, yabanje kugira impungenge zo kukubwiriza, atinya ko yaba ari mu ikosa kandi akaba intandaro yo kuyobya abandi. Byatumye ajya kongera gusuzuma ibihamya bishyigikira imyanzuro yari yaragezeho no gusuzumana ubushishozi buri ngingo yose ikomeye yigaragarizaga intekerezo ze. Yabonye ko imbere y'umucyo w'ijambo ry'Imana ibimuvuguruza bivaho nk'uko umwijima uhunga imbere y'imirasire y'izuba. Amaze imyaka itanu akora ubwo bushakashatsi, yasigaye yemera adashidikanya ko ibyo yemera ari ukuri rwose.

Noneho inshingano yo kumenyesha abandi ibyo yizeraga ko byigishwa mu buryo busobanutse neza mu Byanditswe, yaremereye umutima we ifite imbaraga nshya. Yaravuze ati: "Ubwo nabaga mpugiranye mu kazi kanjye, numvaga aya magambo adahwema kuvugira mu matwi yanjye ngo, 'Genda ubwire abatuye isi iby'akaga kabategereje.' Iri somo ntiryahwemaga kunza mu bitekerezo rivuga riti: 'Nimbwira umunyabyaha nti 'Wa munyabyaha we, gupfa ko uzapfa', maze nawe ntugire icyo uvuga cyo kuburira umunyabyaha ngo ave mu nzira ye; uwo munyabyaha azapfa, azize ibyaha bye, ariko amaraso ye, ni wowe nzayabaza. Ariko nuburira umunyabyaha ngo ahindukire ave mu nzira ye, nadahindukira ngo ave mu nzira ye; azapfa azize ibyaha bye, ariko weho uzaba ukijije ubugingo bwawe."[437] Niyumvishijemo ko abanyabyaha baramutse baburiwe mu buryo bukwiriye, benshi muri bo bashobora kwihana; kandi ko niba bataburiwe , amaraso yabo ari njye azabazwa."[438]

Atangira kujya amenyesha abantu ibitekerezo bye yihererey uko yashoboraga kubona uburyo, akajya asaba Imana ngo abavugabutumwa bamwe babashe kumva imbaraga iri muri izo nyigisho ze, kandi ngo abashe kwirundurira mu kuzamamaza ku mugaragaro. Ariko ntiyashoboraga kwivanamo icyo yemeraga cy'uko afite inshingano yihariye agomba gukora atanga umuburo. Aya magambo akurikira yakomezaga kugaruka mu ntekerezo ze ngo: "Genda uburire abatuye isi; nzakubaza amaraso yabo." Yashidikanyije imyaka cyenda yose, ariko uwo mutwaro ukomeza kumuremerera mu mutima, kugeza ubwo mu mwaka wa 1831, bwabaye incuro ya mbere, yavuze impamvu zo kwizera kwe ku mugaragaro.

Nkuko Elisha yahamagawe ngo ave aho yari akurikiye ibimasa yahingishaga mu murima, kugira ngo yakire umwitero wamugaragarizaga ko ahamagariwe kuba umuhanuzi, ni ko na William Miller yahamagawe gusiga imashini yahingishaga akajya guhishurira abantu ubwiru bw'ubwami bw'Imana. Yatangiye umurimo we atengurwa n'ubwoba, akagenda buhoro buhoro yerekeza abamutegeye amatwi mu by'ibihe by'ubuhanuzi kugeza ku kugaruka kwa Kristo. Uko yakoreshaga umuhati wose ni ko yarushagaho kongerwa imbaraga n'ubutwari ubwo yabonaga uburyo amagambo ye akangura abantu benshi bakayagirira ubwuzu.

Abisabwe gusa n'abavandimwe be mu kwizera, ni ho Miller yemeye kwigisha ku mugaragaro ibyo yemerega kuko yumviye umuhamagaro w'Imana mu magambo yabo. Icyo gihe yari afite imyaka mirongo itanu y'ubukuru, kandi ntiyari amenyereye kuvugira mu ruhame; ndetse yari aremerewe no no kumva ko adakwiriye gukora

437 Ezekiel 33:8, 9
438 Bliss,p 92.

umurimo wari imbere ye. Ariko kuva mu itangira, imirimo ye yahiriwe mu buryo bukomeye kubw'agakiza ka benshi. Ukwigishiriza mu ruhame kwa mbere yagize kwakurikiwe no gukanguka mu byo kwizera kuko muri iryo teraniro imiryango cumi n'itatu yose yarihannye, uretse abantu babiri gusa. Bahise bamusaba kujya kwigisha no mu tundi turere, kandi ahantu hafi ya hose yajyaga imirimo ye yatumaga habaho ububyutse mu murimo w'Imana. Abanyabyaha barahindukaga, Abakristo bagakangukira kwiyegurira Imana biruseho, kandi abataremeraga ko Imana yitaye ku bibera ku isi ndetse n'abatizera bakerekezwa ku kumenya ukuri kwa Bibiliya n'iby'idini ya Gikristo. Ubuhamya bw'abo yabwirizaga bwari ubu ngo: "Ibyo avuga bigera ku itsinda ry'abanyabwenge bidaciye ku bandi bantu."[439] Yabwirizaga mu buryo bukangura intekerezo z'abantu zikerekera ku ngingo zikomeye mu by'iyobokamana kandi agashegesha imibereho yo gutwarwa n'ingeso z'isi n'irari byiganzaga muri icyo gihe.

Hafi muri buri mujyi wose, bamwe mu bantu amagana menshi barihanaga bitewe n'ibibwirizwa bye. Ahantu henshi, amatorero atandukanye y'Abaporotesitanti hafi ya yose yaramwakiraga, kandi ubutumire bwo kugira ngo azaze kwigisha bwavaga mu bavugabutumwa bo mu matorero menshi atandukanye. Yari afite itegeko ridahinduka agenderaho ko atagomba kujya kwigisha aho atararitswe, nyamara bidatinze aza kubona ko atanagishoboye gusubiza nibura na kimwe cya kabiri cy'ubutumire yabaga yahawe ngo ajye kubwiriza. Abantu benshi batemeraga ibyo yavugaga bihamya igihe ntarengwa Kristo yagombaga kugarukiraho, bemeye ko kuza kwa Kristo ari ihame kandi ko kwegereje ndetse ko ari ngombwa kwitegura. Mu mijyi imwe minini, umurimo we wakoze ku mitima ya benshi mu buryo bukomeye. Abacuruzaga inzoga baretse ubwo bucuruzi ahubwo aho bacururizaga bahahindura ibyumba byo gusengeramo; ibyumba byakinirwagamo urusimbi birafungwa; abatarizeraga Imana, abizeraga ko ititaye ku bibera ku isi, abizeraga ko Imana kubw'ubuntu bwayo izakiriza abantu bose mu bwami bwayo baba babi cyangwa beza, ndetse n'abantu bari barahanebereye mu bibi baravuguruwe kandi bamwe muri bo bari bamaze imyaka myinshi badakandagira ahasengerwa. Amatorero atandukanye yateranyaga amateraniro yo gusenga mu mpande zitari zimwe z'umujyi kandi hafi ya buri saha, abacuruzi bahagarika imirimo yabo buri saa sita z'amanywa bagateranira hamwe ngo basenge kandi basingize Imana. Nta gutwarwa n'imico mibi byari biriho, ahubwo muri rusange intekerezo z'abantu zari zuzuwemo kwitwararika. Umurimo wa Miller, kimwe n'uw'abagorozi ba mbere, werekezaga ku kwemeza intekerezo z'abantu no gukangura umutimanama aho gukangura amarangamutima gusa.

Mu mwaka wa 1833, Itorero ry'Ababatisita yari abereye umuyoboke ryamuhaye uburenganzira bwo kujya abwiriza. Umubare munini w'ababwirizabutumwa bo mu itorero rye bemeraga umurimo akora kandi kubwo kumushyigikira byatumye akomeza uwo murimo. Yagendaga hirya no hino kandi agakomeza kubwiriza adahwema, nubwo imirimo ye yibanze cyane cyane mu Bwongereza Bushya no muri Leta zo hagati. Mu gihe cy'imyaka myinshi, yirihiriraga ibyo yakoreshaga byose akuye amafaranga mu mutungo we bwite, kandi nyuma y'aho ntiyashoboye kubona amafaranga ahagije yo kumurihira ingendo zose zerekezaga aho yararikirwaga

439 Ibid., p.138

kujya. Bityo, aho kugira ngo ibyo yakoreraga mu ruhame bimuzanire inyungu y'amafaranga, byamubereye umutwaro ku butunzi bwe bwagiye bugabanuka buhoro buhoro muri icyo gihe cy'imibereho ye. Yari afite umuryango munini; ariko kubera ko bose batasesaguraga kandi bagakora cyane byatumye isambu ye ibasha kubatunga ndetse no kumufasha na we ubwe.

Mu mwaka wa 1833, nyuma y'imyaka ibiri Miller yatangiye kwigisha mu ruhame ibihamya byerekana ko Kristo ari hafi kugaruka, ndetse n'ibimenyetso biheruka mu byagaragaye byari byaravuzwe n'Umukiza ko bizerekana kugaruka kwe. Yesu yaravuze ati: "Inyenyeri zizagwa ziva mu ijuru."[440] Na Yohana ubwo yerekwaga ari mu nzozi yavugiye mu Byahishuwe ibimenyetso bigomba kubanziriza umunsi w'Imana ati : "Inyenyeri zo ku ijuru zigwa hasi, nk'uko umutini, iyo unyeganyejwe n'umuyaga mwinshi, uragarika imbuto zawo zidahishije."[441] Ubwo buhanuzi bwaje gusohora mu buryo butangaje ubwo inyenyeri nyinshi zagwaga kuwa 13 Ugushyingo 1833. Ibyo byabaye ukwigaragaza kw'inyenyeri zagwaga kutari kwarigeze kubaho. "Icyo gihe ikirere cyose gitwikiriye Leta Zunze Ubumwe za Amerika cyamaze amasaha menshi cyivumbagatanyije! Ntihari harigeze kubaho ibintu nk'ibyo mu kirere cy'icyo gihugu kuva cyaturwa n'abantu ba mbere bakigezemo. Itsinda rimwe ry'abantu ryabirebanye gutangara gukomeye mu gihe irindi tsinda ryabirebanaga ubwoba bwinshi no kubona ko ari imbuzi." "Uburemere bw'uko kugwa kw'inyenyeri ndetse n'uburyo byari byiza ntibizibagirana mu bitekerezo bya benshi. . . Ntabwo imvura yari yarigeze igwa mu buryo bukomeye ngo irushe uko inyenyeri zamanukaga zigwa ku isi. Iburasirazuba, iburengerazuba, amajyepfo n'amajyaruguru hose zagwaga mu buryo bumwe. Mu magambo make, ijuru ryose ryasaga n'iririmo urujya n'uruza. . . Ibyo byabaga, nk'uko byanditswe mu kinyamakuru cy'umwigisha witwa Silliman, byagaragaye muri Amerika y'amajyaruguru yose. . . Uhereye saa munani z'ijoro kugeza ku manywa y'ihangu y'undi munsi, ikirere cyari cyiza cyane nta gacu na gato kaboneka, imuri nyinshi zirabagirana zahoraga zinyuranamo mu kirere cyose."[442]

"Nta mvugo y'umuntu yashobora kwandika ibihwanye rwose n'ishusho y'ibyabaye; . . . utarabibonye, ntashobora kwiyumvisha by'ukuri ubwiza bw'ibyabaye. Byasaga naho inyenyeri zose zo ku ijuru zari zakoraniye hamwe zikegera ubushorishori bwo mu kirere, maze zikohereza umucyo wazo icyarimwe mu mpande zose; nyamara umubare wazo wasaga n'utagabanuka na gato: ibihumbi n'ibihumbi by'inyenyeri zindi zakurikiragaho bwangu nk'aho ziremwe uwo mwanya kubwo ibyo."[443] "Ntibyashobokaga kubona ishusho itunganye y'igiti cy'umutini kiragarika imbuto zacyo iyo gihungabanyijwe n'umuyaga mwinshi yari kurushaho kwerekana iby'icyo gihe."[444]

Mu kinyamakuru cyandikirwaga i New York cyitwaga Journal of Commerce cyo kuwa 14 Ugushyingo 1833, handitswemo ingingo ndende yavugaga kuri ibyo bitangaza byabaye. Iyo ngingo yarimo amagambo akurikira: "Ndatekereza ko nta

440 Matayo 24:29
441 Ibyahishuwe 6:13
442 R.M. Devens, American Progress; or, The Great Events of the Greatest Century, ch.28, pars.1-5
443 F.Reed, in the Christian Advocate and Journal, December 13, 1833.
444 The Old Countryman, in Portland Evening Advertiser, November 26, 1833.

mucurabwenge cyangwa undi munyabwenge wigeze avuga cyangwa ngo yandike ibintu bimeze nk'ibyabaye mu gitondo cy'ejo hashize. Mu myaka igihumbi na magana inani ishize umuhanuzi yari yarabivuze neza nk'uko byaje kuba, nitugira umwanya wo kubitekerezaho yuko kugwa kw'inyenyeri kwahanuwe kwerekeje ku byo twabonye, nibwo ibyavuzwe bizaba koko ari iby'ukuri nk'uko byanditswe."

Uko niko ikimenyetso giheruka cyo mu byerekana kugaruka kwa Kristo cyagaragaye, ari cyo Yesu yari yarabwiye abigishwa be ati: "Nuko namwe nimubona ibyo byose, muzamenye yuko ari hafi, ndetse ageze ku rugi."[445] Ibyo bimenyetso byose bimaze kugaragara, ikindi kintu gikomeye cyari hafi kugaragara ni uko Yohana yabonye ijuru ryizinga nk'umuzingo w'igitabo bazinze, mu gihe isi yahindaga umushyitsi, imisozi n'ibirwa bikava mu mwanya wabyo, maze abanyabyaha kubw'ubwoba bagashakashaka aho bihisha ubwiza bw'Umwana w'Umuntu. (Ibyahishuwe 6:12-17).

Abantu benshi babonye kugwa kw'inyenyeri, babifashe ko ari ikimenyetso giteguriza abantu urubanza rugiye kuza, "nk'ishusho iteye ubwoba y'integuza, ikimenyetso cyerekana uwo munsi ukomeye kandi uteye ubwoba."[446] Bityo, intekerezo z'abantu zerekejwe ku gusohora k'ubuhanuzi maze benshi bita cyane ku muburo werekeye kugaruka kwa Kristo.

Mu mwaka wa 1840, hongeye kubaho ukundi gusohora kw'ibyahanuwe kwitaweho na benshi. Mu myaka ibiri mbere, uwitwaga Yosiah Litch wari umwe mu babwirizabutumwa b'ingenzi wabwirizaga ibyo kugaruka kwa Kristo, yanditse ibyo yasobanuraga ku gice cya 9 cy'Ibyahishuwe, yerekeza ku kuvaho k'Ubwami bwa Ottoman. Hakurikijwe uko yabaraga, ubwo bwami bwagombaga gukurwaho "mu kwezi kwa Kanama mu mwaka wa 1840 nyuma ya Kristo." Kandi noneho mu minsi mike cyane ibanziriza gusohora k'ubwo buhanuzi bwe yaranditse ati: "Kuva umugabane wa mbere w'iki gihe ari wo ugizwe n'imyaka 150 warasohoye rwose mbere y'uko Dikozesi (Deacozes) yima ingoma abiherewe uburenganzira n'Abanyaturukiya, kandi no kuba imyaka 391 n'iminsi cumi n'itanu, yaratangiye ku iherezo ry'umugabane wa mbere w'iki gihe, bityo kizarangira ku wa 11 Kanama 1840, ubwo ubutware bwa Ottoman i Constantinople bwitezwe ko bubasha gukurwaho. Kandi ibi nizera ko ari ko bizaba." [447]

Cya gihe cyavuzwe kigeze, binyuze ku bagihagarariye mu mahanga, igihugu cya Turukiya cyemeye kurindwa n'ibihugu byunze ubumwe byo mu Burayi maze muri ubwo buryo kiba cyishyize aho kigomba kugengwa n'ibihugu byemera Ubukristo. Icyo gikorwa cyasohoje ibyari byaravuzwe. Ibyo bimaze kumenyekana, abantu benshi cyane bemeye ko amahame y'ubusobanuro bw'ubuhanuzi bwa Miller n'abo bafatanyije yari ukuri rwose, maze itsinda ry'abavuga ibyo kugaruka kwa Kristo rigira imbaraga itangaje. Abantu bize b'abahanga ndetse n'abanyacyubahiro bo mu myanya yo hejuru bifatanyije na Miller, byaba mu kubwiriza no kwamamaza ibitekerezo bye, bityo bituma kuva mu 1840 kugeza mu 1844 umurimo waguka ugera henshi mu buryo bwihuse.

445 Matayo 24:33.
446 "The Old Countryman," in Portland Evening Advertiser, November 26, 1833.
447 Josiah Litch, in Signs of Times, and Expositor of Prophecy, August 1, 1840.

William Miller yari umunyabwenge ukomeye, akagira ikinyabupfura akesha gutekereza cyane no kwiga. Hejuru y'iyo mico yari anafite ubwenge mvajuru yakeshaga kugirana umubano uhamye na Soko y'ubwenge. Yari umuntu w'inyangamugayo mu rwego rwo hejuru utaraburaga kubahwa no guhabwa agaciro ahantu hose ubupfura n'imico mbonera bishyigikirwa. Kubera ko yari afite umutima mwiza ufatanyije no kwicisha bugufi bya Gikristo ndetse no kwitegeka, byatumaga atega amatwi, abantu bose bakamwisanzuraho, agahora yiteguye kumva ibitekerezo by'abandi no gusesengura ibyo bavuga. Yasuzumaga inyigisho zose n'amahame akoresheje ijambo ry'Imana adahubutse cyangwa ngo atwarwe n'amarangamutima, kandi imitekerereze ye itunganye no kumenya Ibyanditswe neza byamufashaga kurwanya amakosa no gushyira ibinyoma ahagaragara.

Nyamara ntiyakoraga umurimo we ngo abure guhura n'abamurwanya mu buryo bukomeye. Nk'uko byagendekeye abagorozi ba mbere, ukuri yigishaga ntikwakiriwe neza n'abigisha mu by'iyobokamana bari bazwi na rubanda. Kubera ko abo bigisha batashoboraga gushyigikira inyigisho zabo bifashishije Ibyanditswe, bihutiye kwifashisha imigani mihimbano, inyigisho z'abantu n'imigenzo y'Abapadiri. Nyamara ijambo ry'Imana ni ryo gihamya cyonyine rukumbi cyemerwaga n'ababwirizaga ukuri ko kugaruka k'Umukiza. Intero yabo yari iyi ngo: "Bibiliya, Bibiliya yonyine." Kubera ko ababarwanyaga batari bafite ingingo zibashyigikira zishingiye ku Byanditswe, byatumye bifashisha kubagira urw'amenyo no kubakwena. Igihe, amafaranga n'impano zabo babikoreshaga mu gusebya abashinjwaga icyaha kimwe gusa cyo kuba ba tegerezanyije ibyishimo kugaruka k'Umukiza wabo kandi bakaba baraharaniraga kugira imibereho itunganye no kurarikira abandi kwitegura ukuza kwe.

Hakoreshejwe imbaraga nyinshi kugira ngo intekerezo z'abantu ze kwerekera ku ngingo ivuga ibyo kugaruka k'Umukiza. Kwiga ubuhanuzi buvuga ibyo kugaruka kwa Kristo n'imperuka y'isi byagizwe icyaha ndetse n'ikintu gikojeje isoni uwagikoraga. Uko ni ko imyigishirize yari yarabaye gikwira yasenyaga ukwizera ibyo ijambo ry'Imana rivuga. Imyigishirize yabo yatumye abantu bareka kwizera Imana, kandi benshi baboneraho kwiberaho uko bishakiye bakurikije irari ryabo. Nuko abatumye ibyo bibaho, babyitirira Abadiventisiti ko ari bo babiteye.

Nubwo Miller yahururirwaga n'abantu benshi b'abahanga kandi bashaka kumutega amatwi, izina rye ryavugwaga rimwe na rimwe mu bitangazamakuru by'amadini kandi n'igihe bimuvuzeho akaba ari uburyo bwo kumusuzugura no kumwamagana. Mu muhati mwinshi bari bafite wo kumusuzugura ubwe ku giti cye n'umurimo akora, abatagira icyo bitaho n'abahakana Imana, batijwe umurindi n'abigisha mu by'iyobokamana, bishoye mu bikorwa byo kumusebya no kumwandagaza. Uwo musaza wari ufite imvi wari waravuye mu rugo rwe rumuguye neza akajya ajya hirya no hino akoresheje umutungo we, ava mu mujyi ajya mu wundi, akora ubudatuza ashyiriye abatuye isi umuburo ukomeye werekeye urubanza rwegereje, yangwaga urunuka agafatwa ko ari umwaka, umubeshyi n'umushukanyi udafite ibitekerezo bihamye.

Kumusebya, kumubeshyera n'ibibi byose bamuregega byatumye anavugwa nabi n'ibinyamakuru bindi bitari iby'amadini. "Gufata mu buryo bworoheje kandi bw'ibisetso ingingo nk'iyi ifite agaciro gakomeye cyane n'ingaruka ziteye

ubwoba, abantu b'isi bavuga beruye ko atari ukugira urw'amenyo ibitekerezo by'abayamamaza kandi bayishyigikiye gusa, ko ahubwo ari ukugira urw'amenyo umunsi w'urubanza, gukwena Imana ubwayo no gusuzugura ibiteye ubwoba bizaba mu rukiko rwayo."[448]

Uwazanye ibibi byose ntiyashatse gusa gukoma mu nkokora impinduka zaterwaga n'ubutumwa bwo kugaruka kwa Kristo, ahubwo yashatse kurimbura burundu intumwa yabuvugaga ubwayo. Miller yatumye ukuri kwa Bibiliya guhinduka ukuri guhindura byinshi mu mitima y'abamwumvaga, agacyaha ibyaha byabo kandi akababuza amahoro mu kumva bihagije, ndetse amagambo ye yeruye kandi adakebakeba yatumaga bamwanga. Kurwanya ubutumwa bwe kwakozwe n'abagize itorero byatumaga rubanda rugufi rurushaho guhaba; maze abanzi ba Miller batangira kumugambanira ngo ubwo ari buve mu iteraniro baze kumwica. Ariko abamarayika bera bari bari muri iyo mbaga y'abantu maze umwe wo muri bo wari wafashe ishusho y'umuntu afata umugaragu w'Imana ukuboko amusohokana amahoro mu mbaga y'abo bantu barakaye. Satani n'abakozi be bakozwe n'isoni mu mugambi wabo.

Nyamara nubwo habayeho uko kurwanywa kose, abantu bari barakomeje kuyoboka itsinda ry'abategereje kugaruka kwa Yesu babishishikariye. Ntabwo amatorero yari akibarirwamo abantu makumyabiri cyangwa ijana ahubwo bariyongereye bagera mu bihumbi byinshi. Amatorero atari amwe yakiraga abayoboke bashya benshi cyane, ariko nyuma y'igihe gito umwuka wo kurwanya Miller ugaragarizwa n'abo bantu bashya bahindutse, amatorero atangira gushyiraho uburyo bwo guhana abari baremeye inyigisho za Miller. Icyo gikorwa cyateye Miller kugira ibyo yandikira Abakristo bo mu matorero yose avuga ko niba inyigisho ze atari iz'ukuri, ko bagomba kumwereka ikosa rye bakoresheje Bibiliya.

Yaravuze ati: "Mbese ni iki twizeye tutigeze dutegekwa n'ijambo ry'Imana ko dukwiye kucyizera, ko ari ryo mugenga wenyine rukumbi wo kwizera kwacu n'ibyo dukora? Twakoze iki gituma turwanyirizwa mu buryo bukomeye cyane haba mu bibwirizwa no mu bitangazanyamakuru, kandi kigatuma mwumva mufite ukuri ko kuduca [twe Abadiventisiti] mu matorero yanyu no mu mushyikirano wanyu?" "Niba turi mu makosa, ndabinginze nimutwereke aho ikosa ryacu riri. Mutwereke ko turi mu makosa mubikuye mu ijambo ry'Imana; mwatugize urw'amenyo bihagije; ariko ibyo ntibizigera biduca intege ngo twumve ko turi mu makosa; ijambo ry'Imana ryonyine ni ryo rishobora guhindura imitekerereze yacu. Imyanzuro twafashe twayifashe tubyihitiyemo kandi dusenga, nk'uko twabonye igihamya mu Byanditswe Byera."[449]

Mu bihe byose, imiburo Imana yagiye yohereza abatuye isi ikoresheje abagaragu bayo yagiye yakiranwa kwinangira no kutizera nk'uko. Igihe ibicumuro by'abo mu gihe cya mbere y'umwuzure byateraga Imana kohereza umwuzure w'amazi ku isi, yabanje kubamenyesha umugambi yayo, kugira ngo bagire igihe cyo guhindukira bakareka inzira mbi barimo. Hashize igihe cy'imyaka ijana na makumyabiri bumva imiburo ibararikira kwihana, bitaba ibyo bakagaragarizwa umujinya w'Imana

448 Bliss, p.183.

449 Ibid.,p.250, 252.

barimbuka. Ariko ubwo butumwa bwababereye nk'umugani udafite ishingiro maze ntibabwemera. Binangiriye mu bugome bwabo, bakwena intumwa y'Imana, ibyo yabingingiraga babigira ubusa, ndetse bamurega kwigerezaho. Baravugaga bati; "bishoboka bite ko umuntu umwe yatinyuka kurwanya abakomeye bose bo ku isi? Niba ubutumwa Nowa avuga ari ukuri, kuki abatuye isi bose batabubonye kandi ngo babwemere? Bishoboka bite ko ibyo umuntu umwe yemeza byahabana n'ubwenge bw'abantu igihumbi!" Ntibashatse kwemera umuburo cyangwa ngo bashakire ubwihisho mu nkuge.

Abakobanyi batungaga urutoki mu byaremwe n'ibibaho- ku gukurikirana kw'ibihe kutahindukaga, ku kirere cy'ubururu kitari cyarigeze kigusha imvura, ku mirima yari itohagiye kuko yavomererwaga n'ikime cya nijoro, - maze bakiyamira bati: "Aho Nowa ntavuga aca imigani?" Mu rwego rwo kumusuzugura, bavuze ko uwo mubwiriza w'iby'ubutungane ari umuntu watwawe udafite ibitekerezo bitunganye; bityo bakomeza kurushaho kwimbika mu gushakisha ibibanezeza, barushaho gukabya mu nzira zabo mbi kurusha mbere. Nyamara kutizera kwabo ntikwahagaritse gusohora kw'ibyari byaravuzwe. Imana yihanganiye ububi bwabo igihe kirekire, ibaha amahirwe ahagije yo kwihana; ariko igihe kigeze, urubanza rwayo rugera ku banze imbabazi zayo.

Kristo yavuze ko hazabaho ukutizera nk'uko ku byerekeye ukugaruka kwe. Nk'uko abantu bo mu gihe cya Nowa "batigeze babimenya kugeza aho umwuzure uziye ukabatwara bose, ni ko no kuza k'Umwana w'umuntu kuzaba."[450] Igihe abavuga ko ari abana b'Imana bazifatanya n'ab'isi, bakabaho nk'uko ab'isi babaho, kandi bakifatanya na bo mu bibanezeza byabuzanyijwe; igihe ibinezeza ab'isi ari nabyo bizaba binezeza itorero; inzogera zihamagarira abantu kujya mu bukwe zikaba zivuga, kandi abantu bose bakaba barangamiye imyaka myinshi yo kugubwa neza kw'isi, - icyo gihe mu kanya gato nk'uko umurabyo urabiriza mu ijuru, nibwo bazabona iherezo ry'ibyo bari batezeho amakiriro ndetse n'ibyiringiro byabo biyoyotse.

Nk'uko Imana yohereje umugaragu wayo kuburira isi iby'umwuzure wari wegereje, ni nako yohereje intumwa yatoranyije kugira ngo zimenyeshe abantu ko urubanza ruheruka rwegereje. Kandi nk'uko abo mu gihe cya Nowa basekaga bagakwena ibyo umubwiriza wo gukiranuka yavugaga, ni ko n'abantu benshi bo mu gihe cya Miller bahaye urw'amenyo amagambo y'imiburo, ndetse bamwe bari abo mu bwoko bw'Imana.

Ni mpamvu ki inyigisho n'ibibwirizwa byerekeye ukugaruka kwa Kristo bitakiriwe neza n'amatorero? Mu gihe ukugaruka kwa Kristo kuzanira abanyabyaha ibyago no kurimbuka, intungane zo kuzizanira ibyishimo n'ibyiringiro. Uko kuri gukomeye kwakomeje kubera ihumure indahemuka ku Mana zo mu bihe byose. Ni mpamvu ki, nk'uko biri ku wakwandikishije, uko kuri kwahindutse "ibuye risitaza" ndetse "n'urutare rugusha" ku bavuga bose ko ari ubwoko bwe? Umukiza wacu ubwe ni we wasezeraniye abigishwa be ati: "Kandi ubwo ngiye kubategurira ahanyu, nzagaruka mbajyane iwanjye, ngo aho ndi namwe muzabeyo."[451] Umukiza w'umunyampuhwe ubwo yabonaga mbere ubwigunge n'umubabaro w'abayoboke be,

450 Matayo 24:39
451 Yohana 14:3

yohereje abamarayika kugira ngo babahumurishe ibyiringiro by'uko azagaruka ubwe nk'uko bamubonye ajya mu ijuru. Igihe abigishwa bari bahagaze bahanze amaso yabo mu ijuru kugira ngo barebe bwa nyuma uwo bakundaga, guhanga amaso yabo mu kirere byahagaritswe n'aya magambo ngo: "Yemwe bagabo b'i Galilaya, ni iki gitumye muhagaze mureba mu ijuru, Yesu ubakuwemo akazamurwa mu ijuru, azaza atyo nk'uko mumubonye ajya mu ijuru."[452] Bagaruwemo ibyiringiro n'ubutumwa bw'abamarayika. "Abigishwa basubirana i Yerusalemu umunezero mwinshi, baguma mu rusengero iteka bashima Imana."[453] Ntibari bashimishijwe n'uko Yesu yabakuwemo kandi bakaba bari basigaye bagomba guhangana n'amakuba n'ibigeragezo by'isi; ahubwo bari bashimishijwe n'isezerano abamarayika babahaye yuko Umukiza azagaruka.

Kwamamaza inkuru yo kugaruka kwa Kristo muri iki gihe byari bikwiriye kuba inkuru nziza itera umunezero, nk'uko byagenze igihe iyo nkuru yavugwaga n'abamarayika bayibwira abashumba b'i Betelehemu. Abakunda Umukiza by'ukuri nta kindi bari bakwiriye gukora uretse kwakirana ibyishimo ubutumwa bushingiye ku ijambo ry'Imana bubabwira ko Uwo ibyiringiro byabo by'ubugingo buhoraho bishingiyeho agiye kugaruka, atazanwe no gutukwa, gusuzugurwa no kwangwa nk'uko byagenze ubwo yazaga bwa mbere, ahubwo azaza afite ububasha n'ikuzo, aje gucungura abantu be. Abadakunda Umukiza ni bo bifuza ko ataza; kandi nta kindi gihamya kidashidikanywaho cyabaho kigaragaza ko amatorero yitandukanya n'Imana cyaruta uburakari n'ubugome bwabyukijwe n'ubu butumwa bwoherejwe n'Imana.

Abantu bemeye ubutumwa bwo kugaruka kwa Yesu bakanguriwe kuzirikana ko kwihana no kwicisha bugufi imbere y'Imana ari ngombwa. Benshi bari baramaze igihe kirekire barananiwe guhitamo hagati ya Kristo n'isi; noneho bumvise ko gihe kigeze ngo bahitemo uruhande rumwe babarizwamo. "Ibyerekeye ubugingo buzahoraho byababagaragariye mu ishusho yabyo nyakuri batari bamenyereye. Ijuru ryarabegereye maze bumva ko ari abanyabyaha imbere y'Imana."[454] Abakristo bashishikarijwe kugira imibereho mishya mu by'umwuka. Babashishijwe kumva ko igihe ari kigufi kandi ko ibyo bakwiriye gukorera bagenzi babo bagomba kubikora bwangu. Isi yitandukanyaga nabo, maze imibereho y'iteka igasa n'ikinguriwe imbere yabo, kandi ubugingo n'ikintu cyose gifitanye no kumererwa neza kwawo nta gupfa, byamaragaho ishusho y'ikintu cyose cy'igihe gito. Mwuka w'Imana yagumye kuri bo kandi wahaga imbaraga kurarika kwabo gukomeye babwira abavandimwe babo ndetse n'abanyabyaha kugira ngo bitegure umunsi w'Imana. Ubuhamya bwa bucece bwatangwaga n'imibereho yabo itunganye ya buri munsi, yari ugucyaha guhoraho ku bari mu itorero by'umuhango gusa kandi batihanye. Bene abo ntibifuzaga ikibahungabanya mu gukomeza gushaka ibibanezeza, mu kwirundurira gushaka ubutunzi no guharanira icyubahiro cy'isi. Kubw'ibyo, havutse urwango no kurwanya inyigisho yo kwizera kugaruka k'Umukiza ndetse n'abayigishaga.

Babonye ko bidashoboka gucecekesha ibivugwa bikomoka ku bihe by'ubuhanuzi, abarwanyaga izo nyigisho baharaniye guca intege gahunda yo gusesengura no

452 Ibyakozwe 1:11
453 Luka 24:52, 53
454 Bliss, p.146

gucukumbura iby'iyo ngingo bakoresheje kwigisha ko ubuhanuzi bwashyizweho ikimenyetso. Uko ni ko Abaporotesitanti bageze ikirenge mu cy'abayoboke b'itorero ry'i Roma. Mu gihe itorero riyobowe na papa ritemereraga abantu gusoma Bibiliya, amatorero y'Abaporotesitanti yo yavugaga ko umugabane w'ingenzi w'Ijambo ry'Imana udashobora kumvikana kandi uwo mugabane ni wo ugaragaza ukuri kugendanye n'igihe turimo by'umwihariko.

Ababwirizabutumwa ndetse na rubanda bavugaga ko ubuhanuzi bwa Daniyeli n'Ibyahishuwe ari ubwiru budashobora kumvikana. Ariko Kristo yerekeje abigishwa be ku magambo umuhanuzi Daniyeli yavuze yerekeye ibizaba mu gihe cyabo, maze aravuga ati: "Usoma ibi, abyumve neza."[455] Ndetse imvugo yemeza ko Ibyahishuwe ari ubwiru butabasha kumvikana, ihabanye n'izina ry'icyo gitabo ubwaryo kuko ari: "Ibyahishuwe na Yesu Kristo, ibyo Imana yamuhereye kugira ngo yereke imbata ze ibikwiriye kuzabaho vuba, . . . Hahirwa usoma amagambo y'ubu buhanuzi, hahirwa n'abayumva, bakitondera ibyanditswe muri bwo: kuko igihe kiri bugufi."[456]

Umuhanuzi aravuga ati: "Hahirwa usoma." Hariho abantu batazasoma; abo nta migisha bafite. "Hahirwa n'abumva." Hariho na none bamwe banga kumva ikintu icyo ari cyo cyose cyerekeranye n'ubuhanuzi; abagize iryo tsinda na bo nta migisha bafite. "Kandi bitondera ibyanditswe muri icyo gitabo"- abantu benshi banga kumva imiburo n'amabwiriza biri mu gitabo cy'Ibyahishuwe. Nta muntu n'umwe muri abo bose ushobora kwitega kubona imigisha yasezeranwe. Abakerensa ingingo zivuga ubuhanuzi kandi bakagira urw'amenyo ibimenyetso byavuzwe aha mu buryo bukomeye, abantu bose banga kuvugurura imibereho yabo no kwitegura ukuza k'Umwana w'umuntu, ntibazagerwaho n'imigisha.

Ufatiye ku buhamya bwatanzwe na Mwuka Muhishuzi w'Imana, ni mu buhe buryo abantu bahangara kwigisha ko Ibyahishuwe ari ubwiru budashobora gusobanukira ubwenge bw'umuntu? Ni ubwiru ariko bwahishuwe, ni igitabo kibumbuwe. Kwiga Ibyahishuwe biyobora ubwenge bw'abantu ku buhanuzi bwa Daniyeli, kandi ibyo bitabo byombi bitanga amabwiriza y'ingirakamaro Imana yahaye abantu, yerekeye ibizaba ku iherezo ry'amateka y'isi.

Yohana yeretswe ishusho y'ibintu bifite akamaro kimbitse kandi gatangaje mu byo itorero rinyuramo. Yabonye umwanya itorero rizaba ririmo, ingorane, intambara ndetse no gucungurwa guheruka k'ubwoko bw'Imana. Avuga ubutumwa buheruka bugomba kweza umusaruro w'isi, ukagera ku rugero rw'amahundo meza ahunikwa mu bigega byo mu ijuru, cyangwa ukagera ku rukungu rugomba gutwikwa rugashiraho burundu. Yohana yahishuriwe ingingo zifite agaciro kagutse cyane, by'umwihariko izerekeye itorero ryo mu gihe giheruka, kugira ngo ababasha kuva mu buyobe bakemera ukuri bashobore kumenyeshwa iby'ingorane n'intambara biri imbere yabo. Nta muntu ukwiriye kuba mu mwijima ntamenye ibigiye kuba ku isi.

None se kuki hariho uku kutamenya kwakwiriye hose ku byerekeye umugabane w'ingenzi w'Ibyanditswe Byera? Kuki muri rusange hariho ubwo bushake buke bwo kugenzura ibyo uyu mugabane wigisha? Ibyo ni ingaruka y'igikorwa cyateguwe neza cy'umwami w'umwijima cyo kugira ngo ahishe abantu ukuri guhishura ubushukanyi bwe. Kubera iyi mpamvu, ubwo Kristo Umuhishuzi, yabonaga mbere

455 Matayo 24:15
456 Ibyahishuwe 1:1-3

intambara yari kuzabaho yo kurwanya kwiga Ibyahishuwe, byatumye asezeranira umugisha abantu bose bazabisoma, bakabitegera amatwi, kandi bakitondera amagambo y'ubuhanuzi.

IGICE CYA 19

UMUCYO UVIRA MU MWIJIMA

Uko ibihe bigenda bisimburana, muri buri vugurura rikomeye cyangwa impinduramatwara mu by'idini, umurimo w'Imana ku isi ugaragagaramo ingingo zisa bitangaje. Amahame y'uburyo Imana ikorana n'abantu ahora ari amwe. Amavugurura y'ingenzi yo muri iki gihe afite ayo asa nayo rwose yo mu gihe cyashize, kandi ibyabaye ku itorero mu bihe bya kera bifite ibyigisho by'agaciro kenshi muri iki gihe cyacu.

Nta kuri kwigishwa mu buryo busobanutse neza muri Bibiliya kuruta ukuvuga ko kubwa Mwuka wayo Muziranenge, Imana mu buryo budasanzwe iyobora abagaragu bayo bari ku isi mu bihe by'amakangura akomeye yo guteza imbere umurimo w'agakiza. Abantu ni ibikoresho biri mu maboko y'Imana, bakoreshwa na yo kugira ngo basohoze imigambi yayo y'ubuntu n'imbabazi. Buri wese afite uruhare rwe agomba gukora; buri wese yahawe urugero runaka rw'umucyo uhuje n'ubukene bw'igihe cye, kandi uwo mucyo urahagije kugira ngo umushoboze gukora umurimo Imana yamushinze. Nyamara, nubwo Imana yahaye abagaragu bayo agaciro kangana gatyo, nta muntu wigeze agera ku gusobanukirwa kuzuye ibya gahunda ikomeye y'agakiza, cyangwa ngo ashobore gusobanukirwa byuzuye n'umugambi w'Imana mu murimo ugomba gukorwa muri icyo gihe uwo muntu arimo. Abantu ntibasobanukirwa mu buryo bushyitse ibyo Imana ishaka kugeraho ikoresheje umurimo ibaha ngo bakore. Ntabwo basobanukirwa ingingo zose z'ubutumwa bavuga mu izina ryayo.

Uwiteka aravuga ati: "Mbese wabasha kugenzura Imana ukayimenya? Wabasha kumenya Ishoborabyose ukarangiza?" "Erega ibyo nibwira si byo mwibwira, kandi inzira zanyu si zimwe n'izanjye! Nk'uko ijuru risumba isi, ni ko inzira zanjye zisumba izanyu, n'ibyo nibwira bisumba ibyo mwibwira." "Mwibuke ibyabanje kubaho kera; kuko ari jye Mana nta yindi ibaho. Ni jye Mana, nta yindi duhwanye. Mpera mu itangiriro nkavuga iherezo, mpera no mu bihe bya kera nkavuga ibitarakorwa, nkavuga nti, 'Imigambi yanjye izakomera, kandi ibyo nzashaka byose nzabikora.'"[457]

Ndetse n'abahanuzi bagiriwe ubuntu bagahishurirwa mu buryo bwihariye na Mwuka, ntibasobanukiwe mu buryo bwuzuye akamaro k'ibyo bahishuriwe bakabihabwa. Ubusobanuro bwabyo bwagombaga kugenda butangwa uko ibihe biha ibindi bikurikije uko ubwoko bw'Imana bugenda bukenera amabwiriza abukubiyemo.

457 Yobu 11:7 ; Yesaya 55:8, 9; 46:9,10

Ubwo Petero yandikaga iby'agakiza kahishuriwe mu butumwa bwiza, yaravuze ati: "Abahanuzi bahanuye iby'ako gakiza barondora n'iby'ubuntu mwari mugiye kuzahabwa babishimikiriye, barondora igihe icyo ari cyo n'ibimenyetso byacyo, byerekanwaga n'Umwuka wa Kristo wari muri bo agahamya imibabaro ya Kristo itari yaba, n'ubwiza bw'uburyo bwinshi bwari bugiye kuyiheruka. Kandi bahishurirwa yuko batabyiyerekewe ahubwo ko ari mwe babyerekewe." [458]

Nyamara nubwo abahanuzi batahawe gusobanukirwa byuzuye ibyo bahishurirwaga, bageragezaga uko bashoboye kose kugira ngo babone umucyo w'ibyo Imana yanejejwe no kumenyekanisha. "Barondoraga babishimikiriye," "bakarondora igihe icyo ari cyo n'ibimenyetso byacyo, byerekanwaga n'Umwuka wa Kristo wari muri bo." Mbega icyigisho cyahawe ubwoko bw'Imana bwo mu gihe cya Gikristo, kandi ari kubw'inyungu zabo ubwo buhanuzi bwanyujijwe mu bagaragu bayo! "Kandi bahishuriwe ko ubwo buhanuzi atari bo bwagenewe ko ahubwo ari ku bwacu bwatangiwe." Nimurebe abo bantu bera b'Imana "bashakashaka bashimikiriye" ibyerekaye ibyo babaga bahishuriwe byerekeye abantu bo mu bisekuru byari bitarabaho. Gereranya umwete utunganye w'abo bantu n'ubunebwe bwo kutagira ibyo bitaho abantu bagiriwe ubuntu bo mu myaka yakurikiyeho bagaragaje mu buryo bafata iyi mpano y'Ijuru. Mbega gucyaha kwahawe abakunda ibiboroheye gusa no kutagira icyo bitaho bikundira iby'isi kandi banezezwa no kuvuga ko ubuhanuzi budashobora gusobanurwa ngo bwumvikane!

Nubwo ubwenge bwa kimuntu bufite aho bugarukira budashobora gucengera ngo burondore inama z'Imana ihoraho, cyangwa se ngo busobanukirwe neza uko Imana isohoza imigambi yayo, nyamara akenshi biterwa n'amakosa amwe n'amwe bakora cyangwa se uko birengagiza uruhare rwabo ku buryo basobanukirwa nabi n'ubutumwa mvajuru. Si rimwe na rimwe bijya bibaho ko intekerezo z'abantu, zaba n'iz'abagaragu b'Imana, zijya zigwa mu buhumyi kubw'ibitekerezo bya kimuntu, imigenzo n'inyigisho z'abantu z'ibinyoma ku buryo baba bashobora gusobanukirwa by'igice gusa ibintu bikomeye Imana yahishuye mu ijambo ryayo. Uko niko byagendekeye n'abigishwa ba Kristo, ndetse n'igihe Umukiza yari akiri kumwe na bo imbona-nkubone. Intekerezo zabo zari zuzuyemo imyumvire nk'iya rubanda ku byerekeye Mesiya yuko azaba umwami w'igihe gito, ko yagombaga kuzamura Isirayeli akayigeza ku ntebe y'ubwami bw'isi yose, kandi ntibashoboraga kumva ubusobanuro bw'amagambo ye yababwiraga avuga iby'umubabaro n'urupfu bye byagombaga kuzabaho.

Kristo ubwe ni we wari yarabohereje abahaye ubu butumwa ngo: "Igihe kirasohoye, ubwami bw'Imana buri hafi: nuko mwihane, mwemere ubutumwa bwiza." [459] Ubwo butumwa bwari bushingiye ku buhanuzi bwa Daniyeli igice cya 9. Umumarayika yari yavuze ko ibyumweru mirongo itandatu n'icyenda bizageza kuri "Mesiya Umutware." Bityo n'ibyiringiro bihebuje ndetse n'ibyo bari barangamiye binejeje, abigishwa bari bategereje guhangwa kw'ingoma ya Mesiya i Yerusalemu kugira ngo ategeke isi yose.

Babwirije ubutumwa Kristo yari yarabasigiye, nubwo nabo ubwabo bari

458 1 Petero 1:10-12
459 Mariko 1:15

badasobanukiwe neza icyo buvuze. Nubwo ibyo bavugaga byari bishingiye muri Daniyeli 9:25, ntibashoboye kubona ko mu murongo w'iki gice ukurikira uyu havuga ko Mesiya azakurwaho. Kuva bakivuka imitima yabo yari yararangamiye ikuzo ry'ubwami bwo ku isi, maze ibyo bihuma intekerezo zabo ntizasobanukirwa ibyo ubuhanuzi bwari bwaravuze ndetse n'amagambo ya Kristo ubwe.

Bakoze inshingano yabo bashyira ishyanga ry'Abayuda irarika ryuzuye imbabazi, kandi mu gihe bari bategereje kubona Umutware wabo yicara ku ntebe y'ubwami ya Dawidi, babonye afatwa nk'umugizi wa nabi, arakubitwa, arashinyagurirwa, acirwa urwo gupfa maze abambwa ku musaraba i Kaluvali. Mbega kwiheba n'agahinda imitima y'abo bigishwa yagize mu minsi Umwami wabo yari asinziriye mu gituro!

Kristo yari yaraje ku gihe nyacyo no mu buryo bihwanye rwose n'uko byari byarahanuwe. Ubuhamya bw'Ibyanditswe bwari bwarasohoye mu byagiye biba mu murimo we byose. Yari yarabwirije ubutumwa bw'agakiza kandi "ijambo rye ryagiraga imbaraga." Imitima y'abamutegaga amatwi yari yarabonye ko ubutumwa bwe buvuye ku Mana. Ijambo ry'Imana na Mwuka wayo byahamije ko Umwana w'Imana yatumwe na Yo.

Abigishwa bakomeje kunga ubumwe n'Umwigisha wabo bakundaga bafatanyijwe n'umurunga udacika w'urukundo. Nyamara intekerezo zabo zari zitwikiriwe no gushidikanya no kutemera. Mu gahinda kabo, ntabwo babashije kwibuka amagambo ya Kristo yerekezaga ku mibabaro ye n'urupfu rwe. Iyo Yesu Kristo w'i Nazareti aza kuba Mesiya nyakuri, mbese bajyaga kugwa mu mubabaro no gicika intege? Iki ni cyo kibazo cyashenguraga ubugingo bwabo, mu gihe Umukiza yari aryamye mu gituro, mu gihe cy'amasaha yuzuye umubabaro yaranze iyo Sabato yabayeho hagati y'urupfu rwe n'umuzuko we.

Nyamara nubwo ijoro ry'agahinda ryari ryijimye ribundikiye abo bayoboke ba Yesu, ntabwo bari batereranywe. Umuhanuzi yaravuze ati: "Ninicara mu mwijima, Uwiteka azambera umucyo . . . Azansohora anjyane mu mucyo, mbone kureba gukiranuka kwe." "N'umwijima ntugira icyo uguhisha, ahubwo ijoro riva nk'amanywa, umwijima n'umucyo kuri wowe ni kimwe." "Abatunganye umucyo ubavira mu mwijima." "Impumyi nzaziyobora inzira zitazi, nzinyuze mu tuyira zitigeze kumenya; umwijima nzawuhindurira umucyo imbere yazo, n'ahagoramye nzahagorora. Ibyo nzabibakorera kandi sinzabahana." [460]

Itangazo abigishwa bari baravuze mu izina rya Yesu ryari iry'ukuri mu ngingo zaryo zose, kandi ibyo ryerekezagaho byasohoraga muri icyo gihe. Ubutumwa bwabo bwari ubu ngo: "Igihe kirasohoye, ubwami bw'Imana buri bugufi." Ku iherezo ry'"igihe", - ari cyo gihe cy'ibyumweru mirongo itandatu n'icyenda byo muri Daniyeli 9, byagombaga kugeza igihe cyo kuza kwa Mesiya, "Wasizwe", - Kristo yasizwe na Mwuka Muziranenge akimara kubatizwa na Yohana Umubatiza muri Yorodani. Kandi "ubwami bw'Imana" bari baravuze ko buri hafi, bwatangijwe n'urupfu rwa Kristo. Ubwo bwami ntabwo bwari ubw'iyi si nk'uko bari barigishijwe kwizera. Nta nubwo kandi bwari ubwami butegerejwe kuzaza, butazashira, ari bwo buzimikwa igihe "ubwami n'ubutware n'icyubahiro cy'ubwami bwose buri munsi y'ijuru bizahabwa ubwoko bw'abera b'Isumbabyose;" bwa bwami buzahoraho

460 Mika 7:8, 9; Zaburi 139:12; 112:4; Yesaya 42:16

iteka, aho “ubutware bwose buzajya buyikorera kandi bukayumvira.”[461] Nk’uko iyo mvugo ngo: “Ubwami bw’Imana,” yakoreshejwe muri Bibiliya, ikoreshwa havugwa ubwami bw’ubuntu n’ubwami bw’ubwiza. Pawulo avuga iby’ubwami bw’ubuntu n’iby’ubwami bw’ubwiza mu rwandiko yandikiye Abaheburayo. Amaze kuvuga iby’uko Kristo ari umuhuza w'umunyampuhwe, “ubasha kubabarana natwe mu ntege nke zacu,” intumwa Pawulo aravuga ati: “Nuko rero, twegere intebe y’ubuntu tudatinya, kugira ngo tubabarirwe tubone ubuntu bwo kudutabara mu gihe gikwiye.”[462] Intebe y'ubwami y’ubuntu yerekena ubwami bw’ubuntu; kuko kubaho kw'intebe y'ubwami bivuze ko hariho ubwami. Mu migani myinshi yaciye, Kristo yakoresheje imvugo: “ubwami bwo mu ijuru” ashaka kwerekeza ku murimo ubuntu bw'Imana bukora mu mitima y'abantu.

Muri ubwo buryo rero, intebe y'ubwami y’ubwiza ihagarariye ubwami bw’ubwiza; kandi ubu bwami bwavuzweho mu magambo ya Yesu agira ati: “Umwana w’umuntu ubwo azazana n’abamarayika bose, afite ubwiza bwe, ni bwo azicara ku ntebe y’ubwiza bwe: amahanga yose azateranirizwa imbere ye, abarobanure nk’uko umwungeri arobanura intama mu ihene.”[463] Ubu bwami burategerejwe. Ntabwo bushobora gushingwa keretse gusa igihe Kristo azaba agarutse.

Ubwami bw’ubuntu bwimitswe kuva umuntu akimara gucumura, igihe inama y’agakiza yo gucungura inyokomuntu yari yacumuye yafatwaga. Kuva ubwo ni ho yabayeho mu migambi y'Imana no kubw'isezerano ryayo; kandi kubwo kwizera, yagombaga kugirira abantu akamaro. Nyamara kandi ubwo bwami bwari butarashingwa mu by'ukuri kugeza igihe Kristo yapfiraga ku musaraba. Na nyuma y'uko yinjira mu murimo wamuzanye ku isi, Umukiza yashoboraga gusubira inyuma ntiyemere kuba igitambo i Kaluvali bitewe no kuremererwa no kwinangira imitima no kudashima by’abantu. Ari i Getsemani, ukuboko kwe kwahinze umushyitsi kubwo igikombe cy’umubabaro yari afashe. N'icyo gihe yashoboraga kwihanagura ibyuya by’amaraso byatembaga mu maso he maze akareka abanyabyaha bakarimbukira mu byaha byabo. Iyo ajya gukora atyo, gucungurwa kw’abantu bacumuye ntikuba kwarashoboye kubaho. Ariko ubwo Umukiza yemeraga gutanga ubugingo bwe maze agataka ubuheruka agira ati: “Birarangiye”, inama y’agakiza yari isohoye. Isezerano ry'agakiza ryari ryahawe ababyeyi bacu ba mbere bamaze gucumura mu murima wa Edeni ryarasohojwe. Ubwami bw’ubuntu bwari bwarabayeho mbere hose mu buryo bw'isezerano ry’Imana, icyo gihe bwarahanzwe.

Bityo rero urupfu rwa Kristo, - ikintu abigishwa bafataga ko ari iherezo ry'ibyiringiro byabo – ahubwo ni rwo rwahamije ibyo byiringiro by'iteka ryose. Nubwo urupfu rwa Kristo rwari rwarabateye gucika intege gukomeye, ni rwo rwari agasongero k'igihamya cy'uko kwizera kwabo gufite ishingiro. Ikintu cyabayeho kigatuma buzura amaganya no kwiheba ni cyo cyakinguriye urugi rw'ibyiringiro mwene Adamu wese, kandi icyo ni cyo cyari izingiro ry’ubugingo bw’ahazaza n’umunezero w’iteka ryose w'indahemuka ku Mana zose z'ibihe byose. Imigambi y’Imana igira imbabazi zidashira yarasohoraga ndetse no mu gihe cyo gucika

461 Daniyeli 7:27
462 Abaheburayo 4:16
463 Matayo 25:31, 32

intege kw'abigishwa. Nubwo imitima yabo yari yarigaruriwe n'ubuntu mvajuru n'imbaraga y’inyigisho za Kristo ’wavugaga uko umuntu uwo ari we wese atigeze avuga', nyamara muri bo hari imvange z’izahabu nziza y'urukundo bakundaga Yesu n'ubwibone bw'ab'isi no kurarikira bishingiye ku kwikanyiza. No mu cyumba aho Yesu yasangiriye nabo ibya Pasika, kuri ya saha ubwo Umutware wabo yari yatangiye kwinjira mu mwijima w'i Getsemani, habyutse “impaka muri bo, ngo ni nde muri bo ukwiriye gutekerezwa ko ari we mukuru.”[464] Icyo bireberaga gusa ni intebe y’ubwami , ikamba n’icyubahiro, mu gihe imbere yabo hari ugukorwa n'isoni ndetse n'umubabaro ukomeye w'i Getsemani, hakaba icyumba cy’urukiko ndetse n'umusaraba w'i Kaluvali. Ubwibone bwari mu mitima yabo n'inyota y’icyubahiro cy’isi ni byo byari byarabateye kwihambira ku nyigisho zitari iz’ukuri zo mu gihe cyabo kandi ntibita ku magambo y’Umukiza, yaberekaga imiterere nyakuri y'ubwami bwe kandi akabereka umubabaro we n’urupfu rwe. Ayo makosa yabazaniye kugeragezwa, -ikigeragezo kibabaje, ariko cya ngombwa – Imana yemeye ko kibageraho kugira ngo kibakosore. Nubwo abigishwa bari barumvise nabi ubusobanuro bw’ubutumwa bwabo, kandi bakaba bari barananiwe gusobanukirwa n'iby'ibyiringiro byabo, bari barabwirije bavuga umuburo Imana yari yarabahaye kandi Umukiza yari kuzabagororera kubwo kwizera kwabo kandi agaha agaciro kumvira kwabo. Nibo bagombaga gushingwa umurimo wo kwigisha amahanga yose ubutumwa bwiza bw'Umukiza wabo wazutse. Kandi kubwo kubategurira uwo murimo byatumye Imana yemera ko ibyo babonaga ko bibababaje cyane bibageraho.

Nyuma yo kuzuka kwe, Yesu yabonekeye abigishwa be bari mu nzira igana Emawusi, maze “atangirira kuri Mose no ku bahanuzi bose, abasobanurira mu byanditswe byose ibyanditswe kuri we.”[465] Imitima y’abigishwa yarakangutse. Ukwizera kwabo kurahembuka. Bongera “kugira ibyiringiro bishikamye” nubwo Yesu yari atari yabibwira. Umugambi we wari uwo kumurikira ubwenge bwabo no gukomeza kwizera kwabo kugashingira ku “ijambo ry’ukuri ry'ubuhanuzi.” Yashakaga ko ukuri gushinga imizi mu ntekerezo zabo bidatewe gusa n’uko gushyigikiwe n'ubuhamya bwe ku giti cye, ahubwo bitewe n'igihamya kidashidikanywaho cyerekanwa n’ibimenyetso n’ibyashushanywaga mu mategeko ndetse n’ubuhanuzi bwo mu Isezerano rya Kera. Byari ngombwa ko abayoboke ba Yesu bagira ukwizera kuzuye ubwenge, atari ibyo kubagirira akamaro ku ruhande rwabo gusa, ahubwo ari ukugira ngo babashe kumenyesha abatuye isi Kristo. Kandi intambwe ya mbere muri uko gutanga ubwo bwenge, Yesu yerekeje intekerezo z'abigishwa kuri “Mose n’abahanuzi bose.” Uko niko Umukiza wazutse yabahamirije ashimangira agaciro n'akamaro k’Ibyanditswe mu Isezerano rya Kera.

Mbega impinduka yabaye mu mitima y’abigishwa ubwo bongeraga kubona mu maso h’Umwigisha wabo bakundaga!Luka 24:32. Mu buryo bwuzuye kandi bwumvikana neza kurusha mbere bari barabonye “Uwo Mose yanditse mu mategeko kandi wavuzwe n’abahanuzi.” Gushidikanya, agahinda no kwiheba byavuyeho himikwa ibyiringiro bishyitse ndetse nokwizera kudashidikanya. Nta gitangaje rero kubona nyuma yo kuzamurwa mu ijuru kwe “barahoraga mu rusengero bahimbaza

464 Luka 22:24
465 Luka 24:27.

kandi bashima Imana." Rubanda nta kindi bari bazi uretse urupfu rw'agashinyaguro Umukiza yari yapfuye, bityo baritegerezaga ngo barebe ko babona umubabaro, urujijo no gutsindwa mu maso h'abigishwa. Nyamara bababonyeho ibyishimo n'insinzi. Mbega uburyo abigishwa bari bateguriwe gukora umurimo wari ubategereje? Bari baranyuze mu kigeragezo gikomeye bashoboye kwihanganira, kandi bari barabonye uburyo ijambo ry'Imana ryari ryarageze ku nsinzi ikomeye mu gihe mu mirebere ya kimuntu ibintu byose byari byabaye ubusa. Kuva ubwo, ni iki cyajyaga gucogoza kwizera kwabo cyangwa ngo gikonjeshe urukundo rwabo? Muri icyo gihe cy'agahinda kenshi, bari "barahumurijwe mu buryo bukomeye," bahabwa ibyiringiro bimeze nk'igitsika umutima gikomeye." (Abaheburayo 6:18,19). Bari bariboneye n'amaso yabo ubwenge n'ubushobozi by'Imana kandi bari bazi neza ko naho "rwaba urupfu, cyangwa ubugingo, cyangwa abamarayika cyangwa abategeka, cyangwa ibiriho cyangwa ibizaza cyangwa abafite ubushobozi, cyangwa uburebure bw'igihagararo, cyangwa uburebure bw'ikijyepfo, cyangwa ikindi cyaremwe cyose," bidashobora kubatandukanya "n'urukundo rw'Imana ruri muri Kristo Yesu, Umwami wacu." Baravugaga bati: "Oya, ahubwo muri ibyo byose, turushishwaho kunesha n'uwadukunze."[466] "Ijambo ry'Uwiteka rihoraho iteka" "Ni nde uzaziciraho iteka? Ni Kristo Yesu kandi ari we wazipfiriye; ndetse akaba yarazutse ari iburyo bw'Imana adusabira?" Abaroma 8:34.

Uhoraho yaravuze ati: "Ubwoko bwanjye ntibuzongera gukorwa n'isoni ukundi."[467] "Kurira kwararira umuntu nijoro, ariko mu gitondo impundu zikavuga."[468] Umunsi yazutseho, igihe abo bigishwa babonaga Umukiza, kandi mu mitima yabo bakaba bari bishimye ubwo bumvaga amagambo ye; ubwo bitegerezaga umutwe we, ibiganza bye n'ibirenge bye byari byarakomerekejwe ku bwabo; igihe, mbere yo kujya mu ijuru Yesu yabayoboye akabageza i Betaniya maze akazamura ibiganza bye akabaha umugisha, yarababwiye ati: "Mujye mu bihugu byose, mwigishe abaremwe bose ubutumwa bwiza," yongeraho ati: "dore ndi kumwe namwe iminsi yose."[469] Ubwo hari ku munsi wa Pentekote Umuhumuriza wasezeranwe yarabamanukiye maze bagahabwa imbaraga mvajuru kandi imitima y'abizera ishimishwa no kumva ko Umukiza wabo babonye ajya mu ijuru akiri kumwe nabo iteka, -icyo gihe nubwo inzira yabo yerekezaga ku gutanga ubuzima bwabo no kwicwa bazira ukwemera kwabo, nk'uko iy'Umukiza wabo yari imeze, mbese umurimo wo kwamamaza ubutumwa bwiza bw'ubuntu bwe, ndetse n'"ikamba ryo gukiranuka" bazambikwa ubwo azaba agarutse, bari kubigurana icyubahiro cy'ubwami bwo ku isi cyari cyarigeze kuba ibyiringiro byabo mu myuzo yabo ya mbere yo kuyoboka Kristo? "Ufite ubushobozi bwo gukora ibirenze ibyo dusaba ndetse n'ibyo twibwira," binyuze mu gusangira imibabaro ye, yari yabahaye gusangira ibyishimo bye: ari byo byishimo byo "kuzana abana b'Imana benshi mu bwiza," ibyishimo bitarondoreka, "ubwiza bw'iteka ryose" ari bwo intumwa Pawulo avuga agira ati: "ntawabugereranya n'umubabaro wacu w'iki gihe w'agahe gato."

Ibyabaye ku bigishwa babwirije "ubutumwa bwiza bw'ubwami" mu gihe cyo kuza

466 Abaroma 8:37, 38, 39;
467 Yoweli 2:26
468 Zaburi 30:5
469 Mariko 16:15; Matayo 28:20

kwa Kristo kwa mbere, bifitanye isano n'ibyabaye ku bamamaje ubutumwa bwo kugaruka kwe. Nk'uko abigishwa bahagurutse bakajya kubwiriza bavuga bati: "Igihe kirasohoye, ubwami bw'Imana buri hafi," ni ko Miller n'abagenzi be bamamaje ko igihe kirekire kandi giheruka cy'ubuhanuzi bwanditswe muri Bibiliya kigiye kurangira, kandi ko urubanza rwegereje ndetse ko ubwami bw'iteka ryose bugiye kwimikwa. Kubwiriza kw'abigishwa ku byerekeye iby'igihe, kwari gushingiye ku byumweru mirongo irindwi byo muri Daniyeli 9. Ubutumwa bwavuzwe na Miller na bagenzi be bwavugaga iherezo ry'iminsi 2300 ivugwa muri Daniyeli 8:14, ikubiyemo n'ibyumweru mirongo irindwi. Inyigisho yose iboneka muri ubwo butumwa yari ishingiye ku isohozwa ry'umugabane wihariye w'icyo gihe kirekire cy'ubuhanuzi.

Nk'uko abigishwa ba mbere bari bameze, Miller na bagenzi be nabo ntabwo bari basobanukiwe neza n'ubutumwa bari batwaye. Amakosa yari amaze igihe yarashinze imizi mu itorero yababereye inzitizi yo kugera ku busobanuro nyakuri bw'ingingo y'ingenzi mu buhanuzi. Bityo rero, nubwo bamamaje ubutumwa Imana yari yabahaye ngo babubwire isi yose, bahuye no gucika intege binyuze mu gusobanukirwa nabi n'ubusobanuro bwabwo.

Mu gusobanura ibyanditswe muri Daniyeli 8:14 havuga ngo, "Bigeza iminsi ibihumbi bibiri na magana atatu uko bukeye bukira, nyuma ubuturo bwera buzabone kwezwa," nk'uko byari byaravuzwe, Miller nawe yakurikije igitekerezo cyari rusange cyavugaga ko isi ari ubuturo bwera, maze yizera ko kwezwa k'ubuturo bwera byashushanyaga gutunganywa kw'isi bikozwe n'umuriro ubwo Umukiza azaba agarutse. Kubw'iyo mpamvu rero, amaze kumenya yuko iherezo ry'iminsi 2300 ryavuzwe neza mbere y'igihe, yahereye ko atanga umwanzuro ko ibyo byahishuraga ari igihe cyo kugaruka kwa Kristo. Ikosa rye ryakomotse ku kwemera igitekerezo cyari gikwira muri rubanda cyerekeye ubuturo bwera.

Mu buryo bw'igereranya, bwari ishusho y'igitambo n'ubutambyi bwa Kristo. Kwezwa k'ubuturo bwera byari umuhango wa nyuma wakorwaga n'umutambyi mukuru muri gahunda yabaga rimwe mu mwaka. Wari umurimo uheruka w'umunsi w'impongano, bikaba byari gukura icyaha mu bwoko bw'Abisirayeli. Byacureraga umurimo uheruka mu byo Umutambyi wacu Mukuru akorera mu bwami bwo mu ijuru, mu gukurwaho cyangwa guhanagura ibyaha by'abantu be byagiye byandikwa mu bitabo byo mu ijuru. Icyo gikorwa gikubiyemo umurimo wo kugenzura, umurimo wo guca imanza; kandi icyo gikorwa kibanziriza kugaruka kwa Kristo aje ku bicu byo mu ijuru afite icyubahiro n'ubwiza butangaje; kubera ko igihe azazira urubanza rwose ruzaba rwaramaze gufatirwa umwanzuro. Yesu aravuga ati: "Dore ndaza vuba, nzanye ingororano, kugira ngo ngororere umuntu wese ibikwiye ibyo yakoze."[470] Uyu murimo wo guca imanza ubanziriza kugaruka k'Umukiza, ni wo uvugwa mu butumwa bwa marayika wa mbere wo mu Byahishuwe 14:7 ngo, "Nimwubahe Imana muyihimbaze, kuko igihe cyo gucira abantu urubanza gisohoye."

Abamamaje ubwo butumwa bw'imbuzi bavuze ubutumwa nyabwo mu gihe gikwiye. Ariko nk'uko abigishwa ba mbere bavugaga bati: "Igihe kirasohoye kandi

470 Ibyahishuwe 22:12

ubwami bw'Imana buri hafi," bashingiye ku buhanuzi bwo muri Daniyeli igice cya 9, nubwo batabashije kumva neza ko urupfu rwa Mesiya rwavuzwe mbere muri ibyo byanditswe, ni ko na Miller na bagenzi be babwirije ubutumwa bushingiye muri Daniyeli 8:14 no mu Byahishuwe 14:7 maze ntibabashe kubona ko hariho ubundi butumwa buri mu Byahishuwe 14 nabwo bugomba kwigishwa mbere yo kugaruka k'Umukiza. Nk'uko abigishwa bibeshye ku byerekeye ubwami bwagombaga kwimikwa ku iherezo ry'ibyumweru mirongo irindwi, ni ko n'Abadiventisiti bibeshye ku cyagombaga kubaho mu iherezo ry'iminsi 2300. Muri uku kwibeshya ku mpande zombi, habayeho kwemera ndetse no kuyoboka amakosa yari yarabaye gikwira muri rubanda yari yaratumye intekerezo z'abantu zitemera ukuri. Ayo matsinda yombi yasohoje ubushake bw'Imana avuga ubutumwa Imana yashakaga ko bwamamazwa, kandi yahuye no gucika intege bitewe no gusobanukirwa nabi ubutumwa bigishaga.

Nyamara Imana yasohoje umugambi wuje impuhwe yemera ko umuburo uvuga iby'urubanza utangwa nk'uko wari uri. Umunsi ukomeye wari wegereje, kandi Imana mu mbabazi zayo yemeye ko abantu bashyirwa mu kigeragezo cy'igihe kizwi giteganyijwe kugira ngo ibahishurire ibyari mu mitima yabo. Ubwo butumwa bwari bugendereye kugerageza itorero no kuritunganya. Bagombaga kugezwa aho babona niba urukundo rwabo ruri kuby'iyi si cyangwa niba ruri kuri Kristo n'ijuru. Bavugaga ko bakunda Umukiza, noneho igihe cyari kigeze kugira ngo bagaragaze urukundo rwabo. Mbese bari biteguye kureka ibyiringiro n'ibyifuzo by'iby'isi bari bafite, maze bakakirana ibyishimo kuza k'Umukiza wabo? Ubwo butumwa bwari bugendereye kubabashisha gusobanukirwa n'imibereho yabo nyakuri mu by'umwuka. Babwohererejwe kubw'imbabazi z'Imana kugira ngo bubakangurire gushaka Umukiza bafite kwihana no kwicisha bugufi.

Nubwo gucika intege kwabo kwari ingaruka yo gusobanukirwa nabi kwabo n'ubutumwa bigishaga, kwagombaga gutsindwa kubw'ibyiza kuri bo. Kwagombaga kugerageza imitima y'abari baravuze ko bakiriye ubutumwa bw'imbuzi. Mbese mu gihe bari bahanganye no gucika intege bajyaga kwirengagiza ibyo banyuzemo kandi bakareka ibyiringiro bari bafite mu ijambo ry'Imana? cyangwa se mu mwuka wo gusenga no kwicisha bugufi bajyaga gushakisha uko bamenya aho bari barananiwe kumva neza ubusobanuro bw'ubuhanuzi? Ni bangahe muri bo bagiraga ibyo bakora kubw'ubwoba, cyangwa kubwo guhatwa batabitekerejeho ndetse no gutwarwa gusa? Ni bangahe muri bo bari bafite imitima idashyitse hamwe kandi batizera? Abantu batabarika bavugaga ko bakunda ko babona Umukiza aje. Mbese iyo bahamagarirwa kwihanganira gusuzugurwa no gukwenwa n'ab'isi ndetse n'ikigeragezo cyo gutinda k'Umukiza n'igihe cyo gucika intege, aho bajyaga kureka kwizera kwabo? Bitewe n'uko batahise basobanukirwa uko Imana ishaka gukorana na bo, mbese bajyaga kureka ukuri gushyigikiwe n'ubuhamya bwumvikana cyane bw'Ijambo ryayo?

Icyo kigeragezo cyagombaga kwerekana imbaraga y'abari barumviye ibyo bizeraga ko ari inyigisho z'ijambo ry'Imana na Mwuka wayo bafite ukwizera nyakuri. Nk'uko byari biri gushoborwa n'ikigeragezo nk'icyo gusa byagombaga kubigisha akaga ko kwemera inyigisho n'ubusobanuro by'abantu, aho kureka Bibiliya ikisobanura ubwayo. Ku bana bo kwizera, uguhangayika n'umubabaro byatejwe n'ikosa ryabo byajyaga gutuma habaho ikosorwa ryari rikenewe. Byagombaga kubatera kwiga

ijambo ry'ubuhanuzi babyitondeye. Ibyo byagombaga kubigisha kugenzura ishingiro ryo kwizera kwabo babyitondeye no kwanga inyigisho yose idashingiye ku Byanditswe Byera by'ukuri nubwo yaba yemerwa cyane n'Abakristo.

Kuri abo bizera nk'uko byagendekeye abigishwa ba mbere, ibyari bimeze nk'umwijima w'icuraburindi mu ntekerezo zabo mu gihe cyo kugeragezwa kwabo, byagombaga gusobanurwa nyuma y'aho. Igihe bari kubona "iherezo Umukiza yari agiye kubashyiriraho," bari kumenya ko imigambi ye y'urukundo abakunda yasohojwe nta kabuza, nubwo bahuye n'ikigeragezo gikomotse ku makosa yabo. Ibyababayeho binejeje byagombaga kubigisha ko Umukiza ari "umunyampuhwe n'umunyambabazi;" kandi ko inzira ze "ari imbabazi n'ukuri ku bakurikiza isezerano rye n'ibimuhamya."

IGICE CYA 20

IKANGUKA RIKOMEYE MU BY'IDINI

Ikanguka rikomeye mu by'idini rigomba kubaho ritewe no kwamamaza ubutumwa bwo kugaruka kwa Kristo ryavuzwe mu buhanuzi bwo mu butumwa bwa marayika wa mbere bwo Byahishuwe igice cya 14. Marayika aboneka aguruka "aringanije ijuru, afite ubutumwa bwiza bw'iteka ryose ngo abubwire abari mu isi, bo mu mahanga yose n'indimi zose n'amoko yose. Avuga ijwi rirenga ati: "Nimwubahe Imana muyihimbaze, kuko igihe cyo gucira abantu urubanza gisohoye, muramye Iyaremye ijuru n'isi n'inyanja n'amasoko."[471]

Kuba umumarayika ari we uvuga ubwo butumwa bw'imbuzi bifite icyo bisobanuye. Ikoresheje ubutungane, ubwiza n'imbaraga by'intumwa mvajuru, Imana yanejejwe no kwerekana imiterere ihebuje y'umurimo ugomba kurangizwa n'ubwo butumwa, kimwe n'ububasha n'ubwiza bigomba kubuherekeza. Kuguruka kwa marayika "aringanije ijuru," "ijwi rirenga," uwo muburo wavuganywe, n'uburyo wabwiwe abantu bose "bari ku isi" – "bo mu mahanga yose, n'imiryango yose, n'indimi zose, n'amoko yose. " – ni igihamya kigaragaza kwihuta kw'iyo gahunda yo kuwuvuga no kuba ari gahunda ikwiriye ku isi yose.

Ubutumwa ubwabwo butanga umucyo ku byerekeye igihe iryo vugurura rigomba kuberaho. Tubwirwa ko ubwo butumwa ari umugabane umwe w'"ubutumwa bwiza bw'iteka ryose;" kandi buvuga itangira ry'urubanza. Ubutumwa bw'agakiza bwagiye bubwirizwa mu bihe byose; ariko ubu butumwa ni umugabane w'ubutumwa bwiza bukwiriye kubwirizwa gusa mu minsi iheruka, kuko ubwo ari bwo igihe cyo guca urubanza kizaba gisohoye. Ubuhanuzi bwerekana uruhererekane rw'ibizaba kugeza mu gihe cy'itangira ry'urubanza. Ibyo ni ukuri by'umwihariko mu gitabo cya Daniyeli. Ariko uwo mugabane w'ubuhanuzi bwe bwerekeye iminsi iheruka, Daniyeli yategetswe kuwufunga no kuwufatanyisha ikimenyetso "kugeza igihe giheruka." Ubutumwa bujyanye n'iby'urubanza, bushingiye ku gusohora kw'ubwo

471 Ibyahishuwe 14:6, 7

buhanuzi ntibwashoboraga kwamamazwa iki gihe kitaragera. Ariko kandi umuhanuzi avuga ko mu bihe by'imperuka, "benshi bazajarajara hirya no hino kandi ubwenge buzagwira."[472]

Intumwa Pawulo yaburiye itorero kudategereza kugaruka kwa Kristo mu gihe cye. Yaravuze ati: "Kuko uwo munsi utazaza, kurya kwimura Imana kutabanje kubaho, kandi urya munyabugome atarahishurwa."[473] Ntidushobora kwitega kugaruka kwa Kristo mbere y'uko habaho ubuhakanyi bukomeye n'igihe kirekire cy'ubutegetsi bw'"umunyabugome." "Umunyabugome," wiswe na none ko ari "amayoberane y'ubugome," "umwana wo kurimbuka," ndetse na wa "mugome" byerekeza ku butegetsi bwa Papa ari bwo bwagombaga gutegeka mu gihe cy'imyaka 1260 nk'uko byari byaravuzwe n'ubuhanuzi. Icyo gihe cyarangiye mu mwaka wa 1798. Kugaruka kwa Kristo ntikwashoboraga kubaho mbere y'icyo gihe. Pawulo atanga umuburo we ukumvikana mu gihe cyose cy'ubukristo kugeza mu mwaka wa 1798. Nyuma y'icyo gihe rero ni ho ubutumwa bwo kugaruka kwa Kristo bugomba kwamamazwa.

Nta butumwa nk'ubwo bwigeze bubwirizwa mu myaka ya mbere y'icyo gihe. Nk'uko twabibonye, ntabwo Pawulo yabubwirije; yerekeje abavandimwe be ku kugaruka kwa Kristo mu gihe kiri imbere. Abagorozi na bo ntibigeze babubwiriza. Maritini Luteri yashyiraga urubanza mu myaka magana atatu nyuma y'igihe yari ariho. Ariko guhera mu mwaka wa 1798, ikimenyetso cyafatanyaga igitabo cya Daniyeli cyakuweho. Kumenya ibyerekeye ubuhanuzi byariyongeye, kandi abantu benshi babwirije ubutumwa bw'akataraboneka buvuga iby'urubanza rwegereje.

Nk'uko byagenze ku ivugurura rikomeye ryabayeho mu kinyejana cya cumi na gatandatu, ubutumwa bwamamaza kugaruka kwa Kristo bwigishirijwe icyarimwe mu bihugu bitandukanye byemeraga Ubukristo. Mu Burayi no muri Amerika, abantu bafite kwizera kandi barangwaga n'umwuka wo gusenga bakanguriwe kwiga ubuhanuzi, kandi uko barushagaho gucukumbura ibyanditswe byahumetswe n'Imana, babonye igihamya kidashidikanywaho ko iherezo rya byose ryegereje. Mu bihugu bitandukanye hariyo amatsinda y'Abakristo aba ahantu hiherereye ahujwe gusa no kwiga Bibiliya yageze aho yizera ko ukugaruka k'Umukiza kwegereje.

Mu mwaka wa 1821, nyuma y'imyaka itatu Miller amaze kugera ku busobanuro bwe bw'ubuhanuzi bwerekezaga ku gihe cy'urubanza, uwitwa Dogoteri Yozefu Wolff, wari "umubwirizabutumwa ku isi yose," yatangiye kwamamaza ibyo kugaruka k'Umukiza kwegereje. Wolff yavukiye mu Budage, abyarwa n'ababyeyi b'Abayahudi; se umubyara yari umwigisha w'idini ry'Abayuda. Ubwo yari akiri muto, yaje kwemera ukuri kw'idini ya Gikristo. Yari umunyabwenge kandi yahoranaga inyota yo kumenya. Yari yaragiye atega amatwi ibiganiro byaberaga iwabo mu rugo rwa se abishishikariye, aho buri munsi Abayahudi bakunda idini yabo bateraniraga kugira ngo bibukiranye ibyiringiro n'ibyo ubwoko bwabo bwari butegereje ari byo: ikuzo rya Mesiya wagombaga kuza ndetse n'ibyo kubaturwa kwa Isirayeli. Umunsi umwe ubwo yumvaga bavuga ibya Yesu w'i Nazareti, uwo muhungu yababajije uwo muntu uwo ari we. Baramusubije bati: "Ni Umuyahudi wari ufite impano zitangaje, ariko kuko yiyitaga Mesiya, byatumye urukiko rw'Abayahudi rumucira urubanza rwo gupfa." Uwo mwana yakomeje kubabaza ati:

472 Daniyeli 12:4
473 2 Abatesalonike 2:3

"Kuki Yerusalemu yasenywe kandi ni ukubera iki turi mu bubata?" Se yaramusubije ati: "Yewe! Erega ni uko Abayahudi bishe abahanuzi." Uwo mwanya wa mwana yahise agira iki gitekerezo: "Bishoboka ko Yesu nawe yari umuhanuzi, kandi Abayahudi bamwishe nyamara ari umuziranenge."[474] Icyo gitekerezo cyakomeje kumuremerera ku buryo nubwo yari abujijwe kwinjira mu rusengero rw'Abakristo, inshuro nyinshi yajyaga akebereza hanze y'urusengero kugira ngo yumve ikibwirizwa.

Ubwo yari afite imyaka irindwi y'ubukuru gusa, yaratiye umuturanyi wabo w'Umukristo wari umusaza iby'insinzi ya Isirayeli izabaho igihe Mesiya azaba agarutse. Uwo musaza yamubwiranye umutima mwiza ati: "Mwana wanjye, ngiye kukubwira Mesiya nyakuri uwo ari we: ni Yesu w'i Nazareti . . .uwo abakurambere bawe babambye ku musaraba nk'uko bagenje abahanuzi ba kera. Jya mu rugo maze usome igice cya 53 cya Yesaya, nibwo uzemera ko Yesu Kristo ari Umwana w'Imana."[475] Bidatinze yumva agize kwemera mu mutima we. Yaratashye maze asoma ibyanditswe, atangazwa no kubona uburyo ibyanditswe byasohoreye kuri Yesu w'i Nazareti. None se amagambo ya wa Mukristo yaba yari ay'ukuri? Uwo mwana w'umuhungu yasabye se kumusobanurira ubwo buhanuzi, ariko guceceka kwa se no kumurebana igitsure bituma atinya kongera kumubaza kuri iyo ngingo. Nyamara ibyo nta kindi byakoze uretse kumutera kurushaho kugira icyifuzo cyo kumenya ibiruseho ku idini ya Gikristo.

Umuryango ufite imyizerere ya kiyahudi yarererwagamo ntiwatumye abasha kugera ku bumenyi yashakaga. Ariko ubwo yari amaze imyaka cumi n'umwe y'ubukuru, yavuye mu rugo rw'ababyeyi be ajya kuba aho atandukanye n'umuryango we kugira ngo yishakire uko yakwiga, ahitemo idini n'umurimo uzamutunga. Yamaze igihe runaka abana na bene wabo b'Abayahudi, ariko bidatinze baramwirukana bamuhora ko ari umuhakanyi w'imyizerere yabo. Ubwo noneho yari asigaye wenyine, nta mafaranga afite, byabaye ngombwa ko yishakira uko yabaho abana n'abantu atazi. Yagiye ajya hirya no hino, yiga abyitayeho kandi akabona udufaranga two kumutunga adukuye mu kwigisha ururimi rw'Igiheburayo. Bitewe no guhindurwa n'umwigisha w'Umugatorika byatumye yemera imyizerere y'itorero ry'i Roma maze agira umugambi wo kuzaba umuvugabutumwa akajya kwigisha bene wabo b'Abayahudi. Kubera icyo gitekerezo yari afite, mu myaka mike yakurikiyeho yaje kujya gukomereza amashuri ye mu ishuri ry'i Roma ritegurira abantu kujya kwamamaza ukwireza kw'itorero Gatolika mu bindi bihugu. Ariko aho ngaho, ka kamenyero ke ko kuba umuntu wisanzuye mu gutanga ibitekerezo bye ndetse no kwihutira kuvuga katumye bamufata nk'umuhakanyi. Yarwanyaga ibibi bikorwa n'itorero adaciye ku ruhande kandi akabereka rwose ko hakenewe ivugurura. Nubwo yabanje gufatwa neza n'abayobozi b'itorero ry'i Roma, ntibyamubujije kwirukanwa i Roma nyuma y'igihe gito. Akomeza kugenzurwa na Roma, agenda yimurirwa ahantu henshi kugeza igihe babonye ko bitagishobotse kumwemeza kuyoboka Roma. Batangaje ko ari indakoreka, maze baramurekura agira umudendezo wo kujya aho yishakiye. Yafashe inzira yerekeza mu gihugu

474 Travels and Adventures of the Rev. Joseph Wolff, vol.1, p.6.
475 Ibid., vol.1, p.7.

cy'Ubwongereza, kandi kubera ko yari afite imyizerere ya Giporotesitanti, yifatanya n'Itorero ry'Ubwongereza. Amaze imyaka ibiri yiga, mu mwaka wa 1821 afata urugendo ajya kubwiriza ubutumwa.

Ubwo Wolff yemeraga ukuri kw'ingenzi kwerekeye kuza kwa Kristo kwa mbere nk'"umunyamibabaro kandi wamenyereye intimba," yanabonye ko ubuhanuzi buvuga mu mucyo umwe ibyo kugaruka kwe afite ubutware n'ikuzo. Kandi ubwo yageragezaga kwerekeza bene wabo kuri Yesu w'i Nazareti, we Mesiya wasezeranwe, ndetse no kubamenyesha ibyo kuza kwe bwa mbere acishijwe bugufi ndetse ari igitambo cy'ibyaha by'abantu, yanabigishaga ibyo kugaruka kwe ari umwami n'umucunguzi.

Yaravugaga ati: "Yesu w'i Nazareti, we Mesiya nyakuri, watobowe ibiganza n'ibirenge, we wajyanwe nk'intama bajyana kubaga, wari umuntu w'umunyamibabaro kandi wamenyereye intimba kandi wafashe inkoni y'ubwami ya Yuda ndetse ubutegetsi akabukura hagati y'ibirenge bye, yaje incuro ya mbere, kandi azaza ubwa kabiri aje ku bicu byo mu ijuru, azanye n'impanda ya marayika ukomeye,"[476] "kandi azahagarara ku musozi wa Erayono; nuko rero gutegeka ibyaremwe byose byari bwarahawe Adamu kandi akabinyagwa (Itang. 1:26; 3:17) bizahabwa Yesu. Azaba Umwami w'isi yose. Iminiho no kuganya kw'ibyaremwe bizahagarara, maze humvikane indirimbo zo gusingiza no gushima. Ubwo Yesu azaza mu ikuzo rya Se, azanye n'abamarayika bera, . . . abapfuye bizeye ni bo bazabanza kuzuka. (1 Abatesalonike 4:16; 1 Abakorinto 15:23). Icyo ni cyo twebwe Abakristo twita umuzuko wa mbere. Icyo gihe, kamere y'inyamaswa izahindurwa (Yesaya 11:6-9), maze igengwe na Yesu gusa. Zaburi 8. Amahoro azaganza hose."[477] "Uhoraho azongera yitegereze isi maze avuge ati, 'Dore ni byiza cyane."[478]

Wolff yizeraga ko kuza kwa Kristo kwegereje, kandi uko yasobanuraga ibihe by'ubuhanuzi kwavugaga ko ukurimbuka gukomeye kuzabaho mu myaka mike gusa y'igihe cyavuzwe na Miller. Abamubazaga bahereye ku byanditswe bivuga ko: "ku byerekeranye n'umunsi cyangwa isaha, nta muntu n'umwe ubizi," kandi ko ntacyo abantu babasha kumenya ku byerekeranye no kwegereza k'uwo munsi, Wolff yarabasubizaga ati: "Umukiza wacu ntiyavuze ko ntawe uzamenya umunsi cyangwa isaha yo kugaruka kwe? Mbese ntiyadusigiye ibimenyetso by'ibihe kugira ngo tubashe kumenya nibura ko igihe cyo kugaruka kwe cyegereje nk'uko umuntu amenya ko igihe cy'impeshyi cyegereje arebeye ku buryo igiti cy'umutini kimera amababi? (Matayo 24:32). Mbese ntidushobora kumenya iby'icyo gihe kandi Umukiza ubwe yaratwihanangirije kudasoma gusa ubuhanuzi bwa Daniyeli ko ahubwo dukwiriye no kubusobanukirwa? kandi ko muri ubwo buhanuzi bwa Daniyeli havuga ko amagambo yacyo ashyizweho ikimenyetso kugeza ku mperuka (uko rero ni ko byari bimeze mu gihe cye), kandi ko "benshi bazajarajara hirya no hino" (bishatse kuvuga mu Giheburayo ko bazitondera icyo gihe kandi bakagitekerezaho), ndetse ko "ubwenge" (bwerekeranye n'icyo gihe) 'buzagwira'? (Daniyeli 12:4). Ibyongera kuri ibi, ntabwo ubwo Umukiza wacu yavugaga ibi yashakaga kuvuga ko kwegereza kw'igihe kutazigera kumenyekana, ahubwo

476 Joseph Wolff, Researches and Missionary Labours, p.62
477 Journal of the Rev. Joseph Wolff, pp.378, 379.
478 Ibid., p.294

yavugaga ko 'umunsi n'isaha nyabyo nta muntu ubizi.' Avuga ko hari byinshi bizamenyekanira ku bimenyetso by'ibihe kugira ngo bidutere kwitegura ukugaruka kwe nk'uko Nowa yateguye inkuge."[479]

Ku byerekeye uburyo rusange bwo gusobanura Ibyanditswe, byaba neza cyangwa kubigoreka, Wolff yaranditse ati: "Umugabane munini w'amatorero ya Gikristo yataye umurongo w'ubusobanuro nyakuri bwa Bibiliya, maze bemera ibyo Ababudisite bizera bavuga ko umunezero w'umuntu wo mu gihe kizaza uzaba ari uwo kuzerera mu kirere, kandi batekereza ko iyo basomye Abayahudi bagomba kumva ko ari Abanyamahanga, kandi ko iyo basomye Yerusalemu bumva ko uvuze urusengero; iyo kandi uvuze isi, ibyo biba bishatse kuvuga ijuru; kandi ku byerekeye kugaruka kwa Kristo, bagomba kubyumva nk'aho ari iterambere ry'imiryango yamamaza ubutumwa; kandi ko kuzamuka ujya ku musozi uriho inzu y'Uwiteka bisobanuye *iteraniro rinini ry'Abametodisiti*."[480]

Mu gihe cy'imyaka makumyabiri n'ine uhereye mu 1821 ukageza mu 1845, Wolff yakoze ingendo nyinshi: muri Afurika, asura Egiputa na Abisiniya; muri Aziya yambukiranya Palesitina, Siriya, Ubuperesi, Bokahara n'Ubuhinde. Yasuye na Leta Zunze Ubumwe za Amerika kandi ubwo yajyagayo, yahagaze ku kirwa cya Mutagatifu Helene arahabwiriza. Yageze mu mujyi wa New York mu kwezi kwa Kanama 1837. Amaze kwigishiriza muri uwo mujyi, yabwiririje mu mijyi ya Filaderifiya (Philadeliphia) n'i Baltimore hanyuma arangiriza uruzinduko rwe i Washington. Aravuga ati: "Biturutse ku cyifuzo cyatanzwe na John Quincy Adams wahoze ari Perezida, mu nama imwe y'Inteko yari yateranye, abari bayigize bose bemeye kumpa uburenganzira bwo gukoresha Inzu iteraniramo Inteko Nkuru kugira ngo nyigishirizemo icyigisho natanze ari ku wa karindwi (ku isabato), maze mpahererwa icyubahiro ubwo abagize Inteko Nkuru bose bazaga kunyumva, ndetse haza n'Umwepisikopi w'i Virginia n'abayobozi mu by'idini n'abaturage b'i Washington. Icyubahiro nk'icyo nagihawe kandi n'abayobozi ba Leta ya New-Jersey na Pensylvania, abo nigishirije imbere yabo iby'ubushakashatsi nakoreye muri Aziya, kandi mpavugira iby'ingoma ya Yesu Kristo."[481]

Dr. Wolff yazengurutse mu bihugu byinshi bitari byarateye imbere byarangwagamo ubugome atarinzwe n'ubutegetsi ubwo ari bwo bwose bwo mu Burayi, akihanganira imiruho myinshi yahuraga na yo kandi yabaga akikijwe na byinshi biteye akaga. Yarakubiswe kandi yicishwa inzara, agurishwa nk'imbata, kandi yaciriwe urwo gupfa incuro eshatu. Yagiye yibasirwa n'abambuzi kandi rimwe na rimwe yagiye agera ubwo yenda gupfa azize inyota. Umunsi umwe, yacujwe ibyo yari afite byose maze asigara agomba kugenda ibirometero byinshi cyane n'amaguru mu misozi, nta nkweto, anyagirwa n'urubura kandi ibirenge bye bitambaye inketo bigagazwa no kugenda ku butaka butwikiriwe n'ububura.

Ubwo bamugiraga inama yo kutishora mu bantu buzuye ubugome kandi b'abanyamahane adafite intwaro, Wolff yababwiye ko afite intwaro ari zo: "isengesho, ishyaka rya Kristo n'ibyiringiro ko afashwa na Kristo." Yaravuze ati: "Ikindi kandi nuzuje umutima wanjye urukundo nkunda Imana na bagenzi banjye, kandi mfite

479 Wolff, Researches and Missionary Labours, pp.404,405
480 Journal of the Rev. Joseph Wolff, p.96.
481 Ibid.,pp.398, 399.

Bibiliya mu ntoke zanjye."[482] Aho yajyaga hose yagendanaga Bibiliya iri mu rurimi rw'Igiheburayo n'indi yo mu Cyongereza. Yavuze kuri rumwe mu ngendo ze ziheruka ati: "Nakomezaga kugumana Bibiliya irambuye mu ntoke zanjye. Numvaga imbaraga zanjye ziri muri Bibiliya kandi ko ubushobozi bwayo bugomba kunkomeza."[483]

Uko ni ko yakomeje kwihangana mu miruho ye kugeza ubwo ubutumwa buvuga iby'urubanza bugeze ahantu henshi hatuwe ku isi. Yakwirakwije ijambo ry'Imana mu Bayahudi, Abanyaturukiya, Abaperesi, Abahindu ndetse n'andi mahanga n'amoko menshi ari nako aho yajyaga hose yagendaga abwiriza iby'ubwami bwa Mesiya bugiye gushingwa.

Mu ngendo ze i Bokhara yahasanze inyigisho ivuga ibyo kugaruka k'Umukiza kwegereje yizerwaga n'abantu bari batuye mu cyaro bonyine. Yaravuze ati: "Abarabu bo muri Yemen bari bafite igitabo cyitwa "Seera", kivuga ibyo kugaruka kwa Kristo n'ibyo kwima ingoma kwe afite ikuzo; kandi bari biteze ibintu bikomeye byagombaga kubaho mu mwaka wa 1840."[484] Akomeza avuga ati: "Muri Yemen nahamaze iminsi itandatu ndi kumwe n'abakomoka kuri Rekabu. Abo ntibanywa inzoga, ntibahinga inzabibu, ntibabiba imbuto iyo ariyo yose, bibera mu mahema kandi bagahora bibuka umukurambere Yonadabu mwene Rekabu. Babanaga n'abana ba Isirayeli bo mu muryango wa Dani . . . kimwe na bene Rekabu, bari bategereje ukuza vuba kwa Mesiya aje ku bicu byo mu ijuru." [485]

Undi mubwirizabutumwa yaje gusanga imyizerere nk'iyo mu karere ka Tatary. Umupadiri wo mu bwoko bw'abaturiye ako karere yabajijje uwo mubwirizabutumwa igihe Kristo azagarukira. Ubwo uwo mubwirizabutumwa yamusubizaga ko ntacyo abiziho, uwo mupadiri yatangajwe cyane no kutamenya nk'uko k'umuntu uvuga ko yigisha abandi Bibiliya. Yamubwiye ibyo we yizera bishingiye ku buhanuzi, ko Kristo yagombaga kuza mu mwaka wa 1844.

Mu ntangiriro z'umwaka wa 1826 ni ho ubutumwa bwo kugaruka kwa Kristo bwatangiye kubwirizwa mu Bwongereza. Mu Bwongereza, ubwo butumwa ntibwashinze imizi nko muri Amerika; igihe nyacyo cyo kugaruka kwa Kristo nticyigishijwe abantu muri rusange, ariko bamamazaga cyane ukuri gukomeye kuvuga ibyo kugaruka kwa Kristo kwegereje aje afite ubutware n'ikuzo. Kandi ibi ntibabyigishaga mu bitandukanyije n'itorero n'abanze kwifatanya naryo gusa. Umwanditsi w'umwongereza witwaga Murant Brock yavuze ko ababwirizabutumwa bageze kuri magana arindwi bo mu itorero ry'Ubwongereza babwirizaga ubwo "butumwa bwiza bw'Ubwami." Ubutumwa bwavugaga umwaka 1844 nk'igihe cyo kugaruka k'Umukiza bwababwirijwe na none mu Bwongereza. Ibitabo by'Abadiventisiti biturutse muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika byakwirakwijwe ahantu henshi. Ibitabo n'ibinyamakuru bivuga iby'iyo ngingo bitangira gucapirwa mu Bwongereza. Mu mwaka wa 1842, uwitwaga Robert Winter wari umwongereza wari warakiriye ukwizera kw'Abadiventisiti muri Amerika, yagarutse mu gihugu cy'Ubwongereza yavukiyemo kugira ngo ahavuge ubutumwa bwo kugaruka

482 W.H.D. Adams, In Perils Oft, p.192.
483 Ibid.,p.201
484 Journal of the Rev. Joseph Wolff. p.377.
485 Ibid., p.389.

k'Umukiza. Abantu benshi bafatanyije na we muri uwo murimo maze ubutumwa buvuga iby'urubanza buvugwa mu bice bitandukanye by'Ubwongereza.

Muri Amerika y'amajyepfo, mu bantu batateye imbere kandi harangwaga ubuyobozi bw'abapadiri b'abagatorika, uwitwaga Lacunza wari umuyezuwiti w'Umwesipanyoli, yacukumbuye mu Byanditswe maze yemera ukuri kuvuga ibyo kugaruka kwa Kristo kwegereje. Yumvaga ahatirwa gutanga uwo muburo nyamara ntiyashakaga kugerwaho n'ibihano bya Roma, nuko asohora inyandiko irimo ubutumwa bwe ifite izina rya "Rabbi Ben-Ezra." Muri ubwo butumwa yigaragazaga ko ari Umuyahudi wahindutse. Lacunza yabayeho mu kinyejana cya cumi n'umunani, ariko bigeze mu mwaka wa 1825 nibwo igitabo cye cyageze mu Bwongereza, gisobanurwa mu Cyongereza. Gusohoka kw'icyo gitabo kwarushijeho gushimangira ugukanguka kwari kwaratangiye mu Bwongereza ku byerekeye ingingo yo kugaruka kwa Kristo.

Mu Budage, iyo nyigisho yari yarigishijwe mu kinyejana cya cumi n'umunani n'uwitwaga Bengel wari umubwirizabutumwa mu Itorero ry'Abaluteri kandi akaba yari azwiho ubuhanga buhanitse mu kumenya no gusesengura Bibiliya. Ubwo yari arangije amashuri ye, Bengel yari "yarirunduriye mu kwiga iby'iyobokamana. Izo inyigisho zifatanyije n'uburere n'ikinyabupfura yari yaratojwe akiri muto zabashije kumuhindura rwose. Kimwe n'abandi basore bafite gutekereza neza, yabanje kurwana no gushidikanya n'ingorane zijyanye n'iby'idini. Afite agahinda kenshi, yatekereje ku "myambi myinshi yahuranyije umutima we bigatuma agira igihe cy'ubusore kibabaje." Amaze kuba umwe mu bagize inama nkuru y'abepesikopi y'i WÜrttemberg, yashigikiye iby'umudendezo mu by'idini. "Mu gihe yashyigikiraga uburenganzira n'ibyo idini ryemerewe, yanaharaniraga kandi umudendezo wose ufite ishingiro ugomba guhabwa abantu bose bumva bahatwa n'umutimanama wabo gusohoka mu idini barimo."-[486] Kugeza n'uyu munsi ibyiza byavuye kuri icyo gitekerezo biracyagaragara mu ntara Bengel avukamo.

Igihe kimwe ubwo yateguraga ikibwirizwa gishingiye ku gitabo cy'Ibyahishuwe 21 yagombaga kubwiriza ku Cyumweru cyari kigiye kuza, ni bwo umucyo ku byerekeye kugaruka kwa Kristo warashe mu ntekerezo ze. Ubuhanuzi bwo mu Byahishuwe bwasobanukiye intekerezo ze mu buryo atigeze amenya. Yumvise agize gutentebuka kubwo kwumva ibikomeye kandi bitangaje ndetse n'ikuzo ritagereranywa umuhanuzi avuga ko bizabaho. Byabaye ngombwa ko aba ahagaze mu gihe runaka kugira ngo ye gukomeza gutekereza iby'iryo yerekwa. Nyamara ubwo yari ku ruhimbi bya bindi bivugwa mu buhanuzi byongeye kugaruka mu ntekerezo ze nk'uko biri kandi mu buryo bukomeye. Kuva icyo gihe, yirunduriye mu kwiga ubuhanuzi, cyane cyane ubwo mu Byahishuwe, maze bidatinze yemera ko buvuga ko kugaruka kwa Kristo kwegereje nta shiti. Itariki yashyizeho ko ari bwo Kristo azaza yari itandukanye mu myaka ho gato n'iyashyizweho na Miller.

Inyandiko za Bengel zakwirakwijwe ahantu hose harangwaga Ubukristo. Muri rusange imyizerere ye ku by'ubuhanuzi yemewe n'abo muri Leta yavukagamo ya WÜrttemberg, kandi inemerwa n'abo mu bindi bice by'Ubudage ku rwego runaka. Amaze gupfa, iyo myizerere yarakomeje, kandi ubutumwa bwo kugaruka kwa

486 Encyclopaedia Britannica, 9th ed., art."Bengel»

Kristo bukomeza kwigishwa mu Budage ari na ko bwakururaga intekerezo za benshi mu bindi bihugu. Mu mizo ya mbere, bamwe mu bizera bagiye mu Burusiya maze bahashinga amatsinda yabo magari barahatura none na n'ubu kwizera ko Kristo ari hafi kugaruka biracyafitwe n'amatorero y'Abadage abarizwa muri icyo gihugu.

Umucyo wageze no mu Bufaransa no mu Busuwisi. I Geneve aho Farel na Kaluvini bari baramamaje ukuri k'Ubugorozi, uwitwa Gaussen yahabwirije ubutumwa bwo kugaruka kwa Kristo. Mu gihe yari umunyeshuri, Gaussen yari yarandujwe n'inyigisho zishingira kwizera ku bitekerezo by'umuntu zari zarabaye gikwira mu Burayi mu iherezo ry'ikinyejana cya cumi n'umunani no mu itangiriro ry'ikinyejana cya cumi n'icyenda. Kandi igihe yinjiraga mu murimo w'ibwirizabutumwa, ntabwo yari ataramenya icyo kwizera nyakuri icyo ari cyo gusa, ahubwo yari akinafite umwuka w'ubuhakanyi bwo kutemera icyo atabanje kubona. Akiri umusore, yari yaratwawe no kwiga ubuhanuzi. Ubwo yari amaze gusoma igitabo cy'uwitwa Rollin cyitwaga "*Amateka ya Kera*"[487] intekerezo ze zerekejwe ku gice cya kabiri cy'ubuhanuzi bwa Daniyeli maze atangazwa cyane n'uburyo ubwo buhanuzi bwari bwarasohoye neza uko bwavuzwe nk'uko yabibonaga mu gitabo cy'uwo mwanditsi w'amateka. Aho ni ho yaboneye igihamya cy'uko Ibyanditswe byahumetswe n'Imana. Ibyo byamubereye igitsika umutima we mu gihe cy'akaga yanyuzemo mu myaka yakurikiyeho. Ntiyashoboraga kunyurwa n'inyigisho zishingiye ku mitekerereze y'umuntu. Ubwo yigaga Bibiliya kandi agashakisha umucyo uruseho, yaje kugera ku kwizera gushikamye rwose nyuma y'igihe gito.

Uko yakomezaga gucukumbura ubuhanuzi yageze aho yizera ko ukugaruka k'Umukiza kwegereje. Amaze gutangazwa n'uko kuri kw'ingenzi, yifuje kumenyesha abantu uko kuri; ariko imyizerere rusange y'uko ubuhanuzi bwa Daniyeli ari ubwiru kandi ko budashobora kumvikana yamubereye inkomyi ikomeye cyane mu nzira ye. Amaherezo, nk'uko Farel yari yarabigenje mbere ye abwiriza ubutumwa i Geneve, Gaussen yiyemeje gutangira yigisha abana. Yiringiraga ko azakundisha ababyeyi ubutumwa anyuze kuri abo bana.

Nyuma yaho ubwo yavugaga ku mugambi yari afite ubwo yafataga uwo mugambi yaravuze ati: "Ndifuza ko ibi byumvikana neza, impamvu si uko iyi gahunda ifite agaciro gake, ahubwo ibiri amambu, ni kubw'agaciro kayo gakomeye, ni yo mpamvu nifuza kuvuga iby'izi nyigisho mu buryo bworoheje kandi nkazibwira abana. Nifuzaga gutegwa amatwi, kandi natinyaga ko ntari kunvwa iyo ntangirira ku bantu bakuze." "Kubw'iyo mpamvu, niyemeje gusanga abakiri bato. Nteranya abana; iyo itsinda ryabo ryagutse, iyo bigaragaye ko bateze amatwi, bafite ubwuzu, bibanejeje, nkabona ko basobanukirwa kandi babasha gusobanura ingingo twaganiriye, ubwo mba niringiye ryose ko bidatinze ngomba gutangiza itsinda rya kabiri kandi ubwo ni bwo abakuze nabo bazamenya ko bakeneye kwicara maze bakiga. Igihe ibyo bikozwe, umugambi uzaba ugezweho."[488]

Umuhati we wageze ku ntego. Ubwo yabwirizaga abana, abantu bakuze na bo baje kumwumva. Amabaraza y'urusengero rwe yabaga yuzuye abantu bamuteze amatwi batuje. Muri bo habaga harimo abantu bakomeye, intiti, n'abanyamahanga babaga

487 Ancient History

488 L. Gaussen, Daniel the Prophet, vol.2, Preface.

baje gusura umujyi wa Geneve; kandi muri ubwo buryo, ubutumwa bwabashije kugezwa no mu bindi bihugu.

Gaussen atewe ubutwari no kubona ageze ku ntego, yacapishije ibyigisho bye afite ibyiringiro yuko bizatuma abantu biga ibitabo by'ubuhanuzi mu nsengero z'abantu bavuga Igifaransa. Gaussen yaravuze ati: "Gucapisha ibyigisho byigishwaga abana, kenshi byasuzugurwaga n'abakuze bafatiye ku rwitwazo rutari ukuri bavuga ko bitumvikana, kwari ukubwira abakuze nti, 'Ni mu buhe buryo bishobora kutumvikana mu gihe abana babisobanukirwa?' " Yongeraho ati : "Nari mfite icyifuzo gikomeye cyo gutuma ubuhanuzi bumenyekana mu bantu bacu uko bishoboka kose." "Kuri jye nta nyigisho zindi nabonaga ko zamara ubukene bw'abantu muri icyo gihe nk'uko bikwiye." "Izi nyigisho nizo zidutegurira guca mu kaga kari imbere no kudutera kuba maso kandi tugategereza Yesu Kristo."

Nubwo Gaussen yari umwe mu babwiriza bavugaga Igifaransa b'ibyamamare kandi bakunzwe cyane, nyuma y'igihe gito yaje guhagarikwa mu murimo we, kandi ikosa ry'ingenzi yarezwe ni uko yari yaragiye yigisha urubyiruko akoreje Bibiliya aho kubigishiriza muri gatigisimu y'itorero, igitabo cyoroshye kandi gishingiye ku mitekerereze ya muntu, gisa n'ikitarangwamo ukwizera nyakuri. Nyuma y'aho yabaye umwigisha mu ishuri ry'iby'iyobokamana. Muri icyo gihe yakomezaga umurimo we ku cyumweru yigisha gatigisimu, akaganiriza abana kandi akabigisha Ibyanditswe. Ibitabo bye bivuga iby'ubuhanuzi byanejeje abantu benshi. Nk'umwigisha, umwanditsi, ndetse no mu murimo we yakundaga cyane yigisha abana, yamaze imyaka myinshi akomeza guteza impinduka zikomeye kandi yagize umumaro mu gukangurira intekerezo za benshi kwiga ubuhanuzi bwagaragazaga ko kugaruka k'Umukiza kwegereje.

Ubutumwa bwo kugaruka kwa Kristo bwamamajwe no muri Scandinavia, kandi burakundwa cyane. Abantu benshi barakanguwe bava mu byo bibwiraga ko ari umutekano badafite icyo bitayeho maze batura ibyaha byabo kandi barabireka basaba imbabazi mu izina rya Kristo. Ariko abayobozi b'itorero ku rwego rw'igihugu barwanya ibiri gukorwa maze bitewe n'ububasha bwabo bamwe mu babwirizaga ubwo butumwa bashyirwa muri za gereza. Ahantu henshi, aho ababwirizaga ubutumwa bwo kugaruka kwa Kristo bagiye bacecekeshwa muri ubwo buryo, Imana yanejejwe no kuhoreza ubutumwa mu buryo bw'igitangaza ibunyujije mu bana bato. Kubera ko bari batarageza mu myaka y'ubukuru, itegeko rya Leta ntiryashoboraga kubabuza kuvuga, bityo barabareka bavuga nta nkomyi.

Ibwirizabutumwa ryari ryibanze cyane muri rubanda rugufi, kandi abantu bateraniraga ahantu horoheje mu ngo z'abahinzi kugira ngo bumve ayo magambo y'imbuzi. Abo babwiriza b'abana ubwabo akenshi bakomokaga mu ngo za gikene. Bamwe muri bo bari hagati y'imyaka itandatu n'umunani y'ubukuru; kandi nubwo imibereho yabo yahamyaga ko bakunda Umukiza kandi bakaba barihatiraga kubaho bumvira amategeko yera y'Imana, ntabwo muri rusange bari bafite ubwenge cyangwa ubushobozi butandukanye n'ubw'ab'urungano rwabo. Ariko igihe babaga bahagaze imbere y'abantu, byagaragariraga bose ko bakoreshwa n'imbaraga irenze impano zabo kavukire. Ijwi ryabo n'inyifato byarahindutse maze bavuga bashize amanga bafite imbaraga, bavuga ubutumwa bw'imbuzi bwerekeye urubanza ndetse bagakoresha amagambo ya Bibiliya bati: "Nimwubahe Imana, muyihimbaze kuko

igihe cyo gucira abantu urubanza gisohoye." Bamaganaga ibyaha biri mu bantu, ntibacyahe gusayisha mu bibi n'ubuhehesi gusa, ahubwo bakanamagana ibyo gukunda iby'isi no gusubira inyuma ndetse bagasaba ababateze amatwi kwihutira guhunga umujinya wenda gutera.

Abantu babategaga amatwi bahinda umushyitsi. Mwuka w'Imana wemeza imitima yavuganaga n'imitima yabo. Byateye abantu benshi umwete wo kwiga Ibyanditswe babishishikariye, abataririndaga n'abari barataye imico mbonera bahinduye amatwara, abandi bareka iby'uburyarya bakoraga, maze umurimo ukorwa mu buryo butangaje ku buryo n'abayobozi b'itorero ku rwego rw'igihugu byabaye ngombwa ko bemera ko ukuboko kw'Imana kuri mu biri gukorwa.

Byari ubushake bw'Imana ko inkuru yo kugaruka k'Umukiza yamamazwa mu bihugu byo mu karere ka Scandinavia; kandi ubwo amajwi y'abagaragu b'Umukiza yacecekeshwaga, Imana yashyize Mwuka wayo mu bana kugira ngo umurimo wayo ubashe gukorwa. Igihe Yesu yari agiye kugera i Yerusalemu ashagawe n'abantu benshi bishimye, batera hejuru amajwi yo gutsinda, bazunguza amashami y'imikindo kandi bavuga ko ari Umwana wa Dawidi, Abafarisayo b'abanyeshyari bamusabye gucecekesha abantu; ariko Yesu abasubiza ko ibyo babona ari ibisohoza ubuhanuzi kandi ko nibaceceka amabuye ubwayo azaririmba. Abantu batewe ubwoba n'ibikangisho by'abatambyi n'abategetsi, bahereye ko bahagarika indirimbo zabo z'ibyishimo ubwo binjiraga mu marembo ya Yerusalemu; ariko bacecetse abana bari bari mu mbuga y'urusengero baririmbye inyikirizo ya ya ndirimbo bazunguza amashami y'imikindo bari bafite bati: "Hoziyana mwene Dawidi!" Ariko Abafarisayo bararakara cyane, baramubwira bati: "Aho urumva ibyo aba bavuga?" Yesu arabasubiza ati: "Yee, ntimwari mwasoma ngo: 'Mu kanwa k'abana bato n'abonka wabonyemo ishimwe ritagira inenge'?"[489] Nk'uko Imana yakoreye mu bana mu gihe cyo kuza kwa Kristo bwa mbere, ni nako na none izakoresha abana mu kwamamaza ubutumwa bwo kugaruka kwe. Ijambo ry'Imana rivuga ko kwamamazwa ubutumwa bwo kugaruka k'Umukiza bikwiriye kugera mu mahanga yose, mu moko yose, mu ndimi no mu mahanga yose rigomba gusohora.

William Miller na bagenzi be bahawe umurimo wo kuvuga ubutumwa bw'imbuzi muri Amerika. Iki gihugu cyahindutse ihuriro ry'umurimo mugari w'Abadiventisiti. Aho niho ubuhanuzi buboneka mu butumwa bwa marayika wa mbere bwasohoreye mu buryo butaziguye. Inyandiko za Miller na bagenzi be zajyanwe mu bihugu bya kure cyane. Inkuru nziza yo kugaruka kwa Kristo kwegereje yamamajwe ahantu hose ababwirizabutumwa bageze ku isi. Ubutumwa bwiza bw'iteka ryose buvuga ngo, "Nimwubahe Imana muyihimbaze, kuko igihe cyo gucira abantu urubanza gisohoye", bwamamajwe hafi na kure.

Ubuhamya bw'ubuhanuzi bwasaga naho bushyiraho itariki yo kuza kwa Kristo mu gihe cy'umuhindo w'umwaka 1844, bwacengeye cyane mu ntekerezo z'abantu. Uko ubwo butumwa bwamamaraga buva muri Leta imwe bujya mu yindi; hirya no hino habayeho ikanguka rikomeye. Abantu benshi bemeye ko ingingo zivugwa zerekeye ibihe by'ubuhanuzi ari ukuri maze ibyo bari bishingikirijeho by'ubwibone barabireka bakirana umunezero uko kuri. Ababwirizabutumwa bamwe baretse

489 Matayo 21:8-16

ibitekerezo byabo byo kwirema ibice, bemera guhara imishahara yabo n'amatorero yabo maze bafatanya n'abandi kwamamaza ubutumwa bwo kugaruka kwa Yesu Kristo. Nyamara ugereranyije ababwirizabutumwa bake cyane ni bo bemeye ubwo butumwa bityo umugabane munini mu kubwamamaza bihabwa abakorerabushake boroheje. Abahinzi baretse imirima yabo, abanyabukorikori bareka ibikoresho byabo, abacuruzi bareka ubucuruzi bwabo, abakozi b'abanyamwuga bareka imyanya yabo; nyamara umubare w'abakozi wabaye muto ugereranyije n'umurimo wagombaga gukorwa. Imibereho y'itorero ritubahaga Imana ndetse n'isi yasaye mu bibi, byashenguraga imitima y'abarinzi nyakuri bityo bibatera kwemera kwihanganira imiruho, kubura ibyabo n'imibabaro kugira ngo bahamagarire abantu kwihana ngo bibahesha agakiza. Nubwo uwo murimo warwanyijwe na Satani, wateye imbere mu buryo bwihuse kandi ukuri kuvuga ibyo kugaruka kwa Kristo kwakirwa n'abantu ibihumbi byinshi cyane.

Impande zose humvikanaga ubuhamya bukora ku mitima, hakumvikana ubutumwa buburira abanyabyaha, bubwira ab'isi ndetse n'abagize itorero guhunga umujinya wenda gutera. Nk'uko Yohana umubatiza wabaye integuza ya Kristo yagenje, ababwiriza bageraga intorezo ku bishyitsi by'ibiti maze bakingingira abantu bose kwera imbuto zikwiriye abihannye. Imiburo yabo ikomeye yari ihabanye cyane n'imvugo yo guhumuriza abantu ko hari amahoro n'umutuzo yumvikaniraga ku ruhimbi rw'ababwiriza ba rubanda; kandi aho ubwo butumwa bwabwirizwaga hose, bwakoraga abantu ku mutima. Ubuhamya bworoheje kandi butaziguye bw'Ibyanditswe bwageraga mu bantu binyuze mu mbaraga ya Mwuka Muziranenge, bwari bufite kwemeza abantu ku buryo bake cyane gusa ari bo binangiraga. Abigisha b'ikirenga mu by'iyobokamana bakuwe mu mutekano udafite ishingiro bari barimo. Babonye gusubira inyuma kwabo, ugusaya mu by'isi no kutizera, ubwibone no kwikanyiza byabo. Benshi bahereye ko bashaka Uwiteka bafite kwihana no kwicisha bugufi mu mitima. Imitima yabo yari imaze igihe kirekire iziritswe ku by'isi noneho bayerekeje mu ijuru. Mwuka w'Imana yabajeho maze kubw'imitima imenetse kandi yigaruriwe n'Imana, bafatanyiriza hamwe gutera hejuru bagira bati: "Mwubahe Imana muyihimbaze kuko igihe cyo gucira abantu urubanza gisohoye."

Abanyabyaha babazaga babogoza amarira bati: "Nakora iki kugira ngo nkizwe?" Abari baragize imibereho yaranzwe no guhemukira abandi babatwara ibyabo bahangayikishijwe no kubibasubiza. Abantu bose bumvaga bamaze kubonera amahoro muri Kristo bifuzaga cyane ko n'abandi bagira uwo mugisha. Imitima y'ababyeyi yagarukiye abana babo kandi n'imitima y'abana igarukira ababyeyi babo. Imipaka itewe n'ubwibone no kwifata nabi yakuweho. Habayeho kwaturirana ibyaha kuvuye ku mutima, kandi abagize umuryango bose bagakora ibishoboka byose ngo bafashe abaturanyi babo n'inshuti kwakira agakiza. Kenshi humvikanaga amajwi y'amasengesho avuye ku mutima. Ahantu hose wahabonaga abantu bafite agahinda, binginga Imana. Abantu benshi bararaga amajoro basenga kugira ngo bamenye neza rwose ko ibyaha byabo byababariwe, cyangwa se basabira ko abo mu miryango yabo n'abaturanyi babo bihana.

Abantu b'ingeri zose bazaga bihutira kujya mu materaniro y'Abadiventisiti ari benshi. Kubw'impamvu zitandukanye, baba abakire, abakene, abakomeye n'aboroheje, babaga bafite inyota yo kwiyumvira inyigisho ivuga ibyo kugaruka

kwa Kristo. Mu gihe abagaragu b'Umukiza basobanuraga impamvu zo kwizera kwabo, Umukiza yakumiriye umwuka wo kubarwanya. Rimwe na rimwe umukozi yabaga afite intege nke, ariko Mwuka w'Imana yahaga ubushobozi ukuri kwacyo. Muri ayo materaniro hagaragaragamo ko abamarayika bera bayarimo kandi buri munsi abantu benshi biyongeraga ku mubare w'abizera. Iyo basubiragamo ibihamya by'uko kugaruka kwa Kristo kwegereje, imbaga y'abantu benshi yabaga iteze amatwi ituje cyane kugira ngo bumve ayo magambo akomeye. Byasaga n'aho ijuru n'isi byegeranye. Imbaraga y'Imana yumvikanaga haba mu basaza, abakiri bato, ndetse n'abakuze. Abantu basubiraga mu ngo zabo bagenda basingiza, kandi indirimbo z'ibyishimo zumvikanaga mu ijoro rituje. Nta muntu n'umwe wabaye muri ayo materaniro wabasha kwibagirwa uko ibyo byababaga binejeje cyane.

Itangazwa ry'umunsi nyawo wo kugaruka kwa Kristo ryateye kurwanywa gukomeye k'ubwo butumwa guturutse mu nzego zose uhereye ku mubwiriza wavugiraga ku ruhimbi ukageza ku munyabyaha ruharwa. Amagambo y'ubuhanuzi yarasohoye ngo: "Mu minsi y'imperuka hazaza abakobanyi bakobana, bakurikiza irari ryabo, babaza bati: "Isezerano ryo kuza kwe riri he? Ko uhereye aho ba sogokuruza basinziririye, byose bihora uko byahoze, uhereye ku kuremwa kw'isi?"[490] Abantu benshi bavugaga ko bakunda Umukiza, batangaje ko badahakana inyigisho zivuga ibyo kugaruka kwe; icyo batemeye gusa ni ibyo kuvuga itariki ntarengwa. Ariko ijisho ry'Imana rireba byose ryasomaga imitima yabo. Mu by'ukuri ntibashakaga kumva ibyo kugaruka kwa Kristo aje gucira isi urubanza. Bari barabaye abagaragu babi, imirimo yabo ntiyashoboraga guhangana n'ijisho ry'Imana ricengera mu mitima, bityo batinyaga guhura n'Umukiza wabo. Nk'uko Abayahudi bari bameze mu gihe cyo kuza kwa Kristo bwa mbere, abo bantu ntibari biteguye kwakira Yesu. Ntabwo banze gusa kumva ingingo zumvikana zivuye muri Bibiliya, ahubwo banagize urw'amenyo abari bategereje kuza k'Umukiza. Satani n'abamarayika be barishimaga cyane, kandi bagakwena Kristo n'abamarayika be kubera ko abavugaga ko ari ubwoko bwe bamukunda urumamo ku buryo batifuzaga kugaruka kwe.

Abangaga kwemera ubutumwa bwo kugaruka kwa Kristo akenshi batangaga iyi ngingo bagira bati: "Ariko uwo munsi n'icyo gihe ntawe ubizi." Ibyanditswe biravuga biti: "Ariko uwo munsi n'icyo gihe nta wubizi, n'aho baba abamarayika bo mu ijuru cyangwa Umwana, keretse Data wenyine." Abari bategereje Umukiza batangaga ubusobanuro bwumvikana bw'iri somo maze imikoreshereze mibi yaryo yagirwaga n'ababarwanyaga ishyirwa ahagaragara. Ariya magambo yavuzwe na Kristo muri cya kiganiro giheruka yagiranye n'abigishwa be bari ku musozi wa Elayono ubwo yari amaze gusohoka mu rusengero ubuheruka. Abigishwa be bari bamubajije bati: "Ikimenyetso cyo kuza kwawe n'icy'imperuka y'isi ni ikihe?" Yesu yabahaye ibimenyetso, maze arababwira ati: "Nuko namwe nimubona ibyo byose, muzamenye yuko ari hafi, ndetse ageze ku rugi."[492] Ntabwo imvugo imwe y'Umukiza ikwiriye gukoreshwa kugira ngo isenye indi. Nubwo nta muntu uzi umunsi cyangwa isaha byo kugaruka kwe, twasobanuriwe kandi dusabwa kumenya igihe ukuza kwe

490 2 Petero 3:3,4
491 Matayo 24:36
492 Matayo 24:3, 33, 42-51

kuzaba kwegereje. Tubwirwa kandi ko kutita ku miburo ye, ndetse no kwanga cyangwa kwirengagiza kumenya igihe kuza kwe kuzaba kwegereje bizatubera akaga gakomeye nk'uko byagendekeye abantu bo mu gihe cya Nowa batigeze bashaka kumenya igihe umwuzure wagombaga kuzira. Ndetse umugani uvugwa muri icyo gice werekana itandukaniro hagati y'umugaragu ukiranuka n'umugaragu mubi kandi ukerekana akaga gategereje umugaragu wibwiraga mu mutima we ati: "Databuja aratinze," werekana uko Kristo azafata kandi akagororera abo azasanga bari maso babwiriza ibyo kugaruka kwe ndetse n'abazaba baguhakana. Nuko rero aravuga ati: "Mube maso . . . Uwo mugaragu arahirwa, shebuja naza agasanga abikora!" "Ariko rero nutaba maso nzaza nk'umujura, nawe ntuzamenya igihe nzagutungurira."[493]

Pawulo avuga iby'umugabane w'abantu bazatungurwa no kuza kwa Kristo ati: "Kuko ubwanyu muzi neza yuko umunsi w'Umwami wacu uzaza nk'uko umujura aza nijoro. Ubwo bazaba bavuga bati: 'Ni amahoro, nta kibi kiriho!' Ni bwo kurimbuka kuzabatungura . . . kandi ntibazabasha kubikira na hato." Ariko abumviye imiburo y'Umukiza yabongereyeho ati: "Ariko mwebweho, bene Data, ntimuri mu mwijima ngo uwo munsi ubatungure nk'umujura, kuko mwese muri abana b'umucyo n'abana b'amanywa. Ntituri ab'ijoro cyangwa ab'umwijima."[494]

Uko ni ko byagaragajwe ko Ibyanditswe bidaha abantu ubwishingizi bwo kwibera mu bujiji ku byerekeye kugaruka kwa Kristo kwegereje. Nyamara abishakiraga urwitwazo gusa rwo kwanga ukuri, bizibye amatwi ntibashaka kumva ubusobanuro bw'ayo magambo maze amagambo avuga ngo, "Ariko umunsi n'icyo gihe ntawe ubizi," akomeza kuvugwa n'abakobanyi ndetse n'abandi biyitaga abakorera Kristo. Uko abantu bakangukaga maze bagatangira gushaka kumenya iby'inzira y'agakiza, abigisha mu by'idini babitambikaga imbere bakajya hagati yabo n'ukuri, bakagerageza kubamara ubwoba bakoresheje gusobanura ijambo ry'Imana uko ritari. Abo barinzi b'abahemu bafatanyije n'umushukanyi ukomeye mu murimo we, batera hejuru bati: "Ni amahoro, ni amahoro," mu gihe Imana yo itigeze ivuga ko hari amahoro. Kimwe n'Abafarisayo bo mu gihe cya Kristo, benshi banze kwinjira mu bwami bwo mu ijuru bo ubwabo kandi babuza abandi bari bari kwinjira. Amaraso y'abo bantu bazayabazwa.

Abantu bo mu matorero babaga bacishije bugufi cyane kandi baritanze batizigamye ni bo akenshi babaga aba mbere mu kwakira ubwo butumwa. Abiyigishaga Bibiliya ni bo bashoboye kumenya ko ibitekerezo bisobanura iby'ubuhanuzi byababaye gikwira muri rubanda bidashingiye ku byanditswe; kandi ahantu hose abantu babaga batagenzurwa n'ubuyobozi bw'itorero, aho ari ho hose bashoboraga gucukumbura ijambo ry'Imana ubwabo. Inyigisho yo kugaruka kwa Kristo yabaga ikeneye kugereranywa na Bibiliya kugira ngo hashimangirwe ubushobozi bwayo bukomoka ku Mana.

Abakristo benshi batotezwaga n'abavandimwe babo batizeraga. Kugira ngo bagumane imyanya yabo mu itorero, bamwe biyemeje guceceka ibyerekeye ibyiringiro byabo; nyamara abandi bumvaga ko kuba indahemuka ku Mana bibabuza kuba bahisha uko kuri Imana yabaragije ngo bakuvuge. Benshi baciwe mu itorero

493 Ibyahishuwe 3:3
494 1 Abatesalonike 5:2-5

nta kindi bazize uretse kuvuga ko bizera ubutumwa bwo kugaruka kwa Kristo. Abahuye n'iki kigereragezo cyo kwizera kwabo, aya magambo y'umuhanuzi yari ay'agaciro kenshi kuri bo: "Bene wanyu babanze bakabaca babahora izina ryanjye, baravuze bati 'Ngaho Uwiteka nahabwe icyubahiro turebe umunezero wanyu! Ariko bazakorwa n'isoni.'"[495]

Abamarayika b'Imana bakurikiranaga umusaruro wavaga muri ubwo butumwa bw'imbuzi babyitayeho. Ubwo muri rusange amatorero yangaga ubwo butumwa, abamarayika bisubiriragayo bababaye. Nyamara, hari hakiriho abantu benshi bari batarashungurwa ku byerekeye ukuri ko kugaruka kwa Kristo. Benshi bayobejwe n'abagabo babo cyangwa abagore babo, ababyeyi babo cyangwa abana babo, maze babemeza ko no gutega amatwi inyigisho bitaga iz'ubuyobe nk'izo zigishwaga n'Abadiventisiti ari icyaha. Abamarayika batumwe kurinda abo bantu b'indahemuka, kubera ko undi mucyo wendaga kubarasira uturutse ku ntebe y'ubwami y'Imana.

Abari baramaze kwakira ubwo butumwa bari bategereje kuza k'Umukiza wabo babifitiye amatsiko bitavugwa. Igihe bari biteze kumubona cyari bugufi rwose. Begerezaga icyo gihe bafite ituza ritangaje. Bakomeje kugirana umushyikirano uhamye n'Imana, barangamiye amahoro bari bagiye guhabwa mu ijuru. Nta muntu n'umwe wagize ibyo byiringiro ushobora kwibagirwa ibihe byiza bitangaje byo gutegereza bagize. Mu gihe cy'ibyumweru bike byabanzirizaga uwo munsi, ahenshi imirimo ijyana n'iby'isi yararetswe. Abizera nyakuri bagenzuraga igitekerezo cyose n'amarangamutima bibarimo nk'abari ku mariri yabo benda gupfa kandi bagiye gufunga amaso yabo ubutazongera kubona ibibera ku isi. Ntibyari ngombwa kudodesha "amakanzu yo kuzamukana gusanganira Umukiza;"[496] ariko bose bumvaga bakeneye igihamya cy'imbere mu mutima kibemeza ko biteguye gusanganira Umukiza. Amakanzu yabo yera yari ubutungane bw'ubugingo,- imico yejejwemo icyaha n'amaraso yeza ya Kristo. Abavuga ko ari ubwoko bw'Imana mbese ntibakwiriye kuba bafite umwuka nk'uwo w'umutima witanga, bakagira kumaramaza nk'uko ndetse no kwizera kudakebakeba! Iyo bakomeza kwicisha bugufi batyo imbere y'Umukiza wabo kandi bagakomeza gusuka amasengesho yabo ku ntebe y'imbabazi, bajyaga kugira imibereho irushijeho gukungahara [mu by'umwuka] kuruta iyo bafite ubu. Hariho gusenga ku rugero ruto cyane, kwemera nyakuri ibyaha byabo ku rugero ruto, kandi kutagira ukwizera kuzima bisiga benshi batagira ubuntu butangwa n'Umucunguzi wacu ku rugero rusendereye.

Imana yashakaga kugerageza ubwoko bwayo. Ikiganza cyayo cyatwikiriye ikosa bagiraga mu byerekeye ibihe by'ubuhanuzi. Ntabwo Abadiventisiti bashoboye gutahura iryo kosa, kandi nta n'ubwo ryashoboye gutahurwa n'intiti zo mu babarwanyaga. Ababarwanyaga baravuze bati: "Uko mugaragaza ibihe by'ubuhanuzi ni ukuri rwose. Bigaragara ko hari ikintu gikomeye kigiye kubaho; ariko si icyo Miller yavuze; ahubwo ni uguhinduka kw'abatuye isi aho kuba kugaruka kwa Kristo."

Igihe bari biteze cyarahise nyamara Kristo ntiyaza gucungura ubwoko bwe. Abari barategereje Umukiza wabo bafite kwizera nyakuri n'urukundo rutaryarya, bacitse intege bikomeye cyane. Ariko kandi imigambi y'Imana yagerwagaho. Imana yageragezaga imitima y'abavugaga ko bategereje ukuza k'Umukiza. Muri bo hari harimo benshi bari baragiye bakangurwa n'ubwoba gusa nta yindi mpamvu iruta iyo ibibateye. Ibyo bahamyaga ko bizeye ntibyari byaragize icyo bikora ku mitima yabo cyangwa ku mibereho yabo. Ubwo ibyo bari biteze ko bizabaho bitabaga, abo bantu bavuze ko bo batakozwe n'isoni. Bavugaga ko n'ubundi batigeze bemera ko Kristo azaza. Babaye bamwe mu bantu ba mbere bashinyaguriraga abizera nyakuri mu kababaro bari bafite.

Ariko Yesu n'ingabo zo mu ijuru zose barebanaga urukundo n'impuhwe Abakristo bageragejwe kandi b'indahemuka nubwo bari batabonye icyo bari biteze. Iyo umwenda utandukanya isi igaragara n'itagaragara ukurwaho, abamarayika bajyaga kugaragara bari kwegera abo bantu bari bashikamye kugira ngo babarinde amacumu ya Satani.

495 Yesaya 66:5

496 Iki cyari igitekerezo cyahimbwe n'abashakaga kunenga ubutumwa bwo kugaruka kwa Kristo. Bavugaga ko Abadiventisiti badoze amakanzu bazasanganira Umukiza mu kirere bambaye. Nyamara Abadiventisiti bizera ko ikanzu yonyine abera bazaba bakeneye kugira ngo basanganire Umukiza ari «Ubutungane bwa Kristo.» Soma Yesaya 61:10; Ibyahishuwe 19:8.

Igice cya 21

Umuburo Wirengagijwe

Ubwo William Miller na bagenzi be bamamazaga inyigisho yo kugaruka kwa Kristo, bakoraga bafite umugambi umwe rukumbi wo gukangurira abantu kwitegura urubanza. Bashakaga uko bakangura abiyita abanyadini ngo bamenye ibyiringiro nyakuri by'itorero, no kubumvisha ko bakeneye imibereho ya Gikristo ihamye. Na none kandi bakoraga bakangura abatarahindutse kugira ngo bamenye inshingano yabo yihutirwa yo kwihana no guhindukirira Imana. "Ntibigeze bagerageza guhindurira abantu kuyoboka igice runaka cyangwa itsinda mu by'idini. Ni yo mpamvu bakoranye neza n'amatsinda ndetse n'amadini yose batabangamiye imikorere na gahunda byayo."

Miller yaravuze ati: "Mu mirimo yanjye yose, sinigeze ngira icyifuzo cyangwa igitekerezo cyo gushinga itorero ngo nditandukanye n'ayariho, cyangwa ngo ngirire neza rimwe maze irindi ribangamirwe. Natekerezaga kuyungura yose. Kubera gutekereza ko Abakristo bose bari kunezezwa cyane no gutegereza kugaruka kwa Kristo, kandi ko abatazashobora kubyumva nka njye nibamara kwigishwa iryo hame nabo batazabura kubikunda, ntabwo nigeze ntekereza ko bizaba ngombwa kugira amateraniro yihariye. Umugambi wanjye rukumbi wari uwo guhindurira abantu kuyoboka Imana, kuburira isi ko igihe cy'urubanza cyegereje no gutera bene wacu kugira kwitegura mu mitima bizababashisha gusanganira Imana yabo mu mahoro. Benshi mu bantu bashoboye kwihana kubw'umurimo nakoze binjiye mu matorero

yariho."[497]

Kubera ko umurimo we werekezaga ku kubaka no gukomeza amatorero, yakiriwe neza mu gihe runaka. Ariko igihe ababwirizabutumwa n'abayobozi b'amatorero bafatiga umwanzuro wo kurwanya inyigisho ivuga ibyo kugaruka kwa Kristo kandi bagashaka guhagarika ikangarana ritejwe na zo, ntibarwanirije izo nyigisho ku ruhimbi gusa, ahubwo banabujije abayoboke babo kujya mu materaniro avuga ibyo kugaruka kwa Kristo ndetse no kuvugana iby'ibyiringiro byabo mu materaniro y'ubusabane mu matorero. Bityo abizera bisanze bari mu kigeragezo gikomeye cyane kandi bagira imitima ihagaze. Bakundaga amatorero yabo kandi byari bibagoye kwitandukanya nayo; ariko ubwo babonaga ubuhamya bw'Ijambo ry'Imana busiribangwa kandi uburenganzira bwabo bwo gusoma ubuhanuzi bubangamiwe, bumvise ko kuba indahemuka ku Mana bibabuza kumvira abayobozi babo. Ntabwo abantu birengagizaga ubuhamya bw'ijambo ry'Imana bashoboraga kubafata ko bagize itorero rya Kristo, ryo "nkingi n'ishingiro ry'ukuri." Kuva ubwo, bumvise ko nta kibi baba bakoze mu gihe bitandukanyije n'amatorero bari basanzwemo. Mu mpeshyi yo mu mwaka wa 1844, hafi abantu bagera ku bihumbi mirongo itanu bitandukanyije n'amatorero yabo.

Bijya gushyira icyo gihe, habonekaga impinduka igaragara mu matorero menshi yo muri Leta zunze Ubumwe za Amerika. Kuva mu myaka myinshi hari haragiye habaho ukwigana imigenzereze n'imigenzo by'ab'isi kwiyongeraga buhoro buhoro ariko mu buryo buhamye, ndetse ibyo bikajyana n'ubuhenebere mu by'umwuka. Ariko muri uwo mwaka, habonetse ibimenyetso byo gusubira inyuma gutunguranye ariko gukomeye mu matorero hafi ya yose. Nubwo nta muntu washoboye kuvuga impamvu zibiteye, ibyabaye ubwabyo byaragaragaraga hirya no hino kandi bikavugwa mu bitangazamakuru no ku ruhimbi.

Mu materaniro amwe y'itorero ry'Abapresibiteriyeni bo mu mujyi wa Filadelifiya (Philadelphia), uwitwa Barnes wanditse igitabo cy'ubusobanuro cyakoreshwaga cyane kandi akaba yari umupasitoro wayoboraga rimwe mu matorero akomeye yo muri uwo mujyi yaravuze ati: "Maze imyaka makumyabiri yose ndi umuyobozi w'itorero, ntibyigeze bimbaho yuko igihe cyo gusangirira hamwe ifunguro ryera mbura abantu mu rusengero uretse ubushize. Ariko muri iki gihe simbona ububyutse, nta no kwihana, nta no gukurira mu buntu bw'Imana kugaragara mu bavuga ko ari abizera. Nta bantu bakinsanga aho nkorera ngo tuganire iby'agakiza k'ubugingo bwabo. Gutwarwa n'iby'isi biragenda byiyongera bijyanye no kwiyongera mu bukungu, ubucuruzi n'inganda. *Uko niko bimeze mu matorero yose*."[498]

Mu kwezi kwa Gashyantare k'uwo mwaka, umwigisha witwaga Finney wo mu ishuri rya Oberlin yaravuze ati: "Dufite igihamya imbere yacu ko muri rusange amatorero y'Abaporotesitanti mu gihugu cyacu atemera cyangwa arwanya amavugururwa mu mico mbonera hafi ya yose abaho muri iki gihe. Hari umugabane muto gusa utari muri urwo ruhande ariko ibyo ntibibuza kuvuga ko ari rusange. Dufite kandi n'ikindi gihamya gishyigikiye ibyo tuvuga: Ni uko mu matorero yose muri rusange hatarangwa imbaraga y'ububyutse. Ubukonje mu by'umwuka

497 Bliss, p.328

498 Congregational Journal, May 23, 1844.

buragenda bucengera mu bantu hafi ya bose, kandi burakabije biteye ubwoba. Ibitangazamakuru by'amadini mu gihugu cyose birabihamya. . . Abayoboke b'amatorero bagenda batwarwa n'ibigezweho mu buryo bukabije,- bifatanya n'abatubaha Imana mu minsi mikuru yo kwinezeza, mu mbyino, mu birori, n'ibindi. Ariko ntibikwiye ko tubivugaho byinshi cyane igihe kirekire. Birahagije gusa yuko ibihamya byiyongera kandi bigatamurura ijuru hejuru yacu byerekana ko muri rusange amatorero agenda ahenebera mu buryo bubabaje. Yagiye kure cyane y'Umukiza maze nawe ayavamo arigendera."

Umwanditsi wo mu kinyamakuru cyarebaga kure mu by'idini[499] nawe yarahamije ati: "Ntabwo twigeze tubona gusubira inyuma mu by'idini kuri rusange nk'uko bimeze ubu. Mu by'ukuri, itorero rikwiriye gukanguka maze rigashakisha impamvu y'aka kaga; kuko umuntu wese ukunda Siyoni abona ko ari akaga. Iyo twibutse uburyo uguhinduka nyakuri ari guke cyane ndetse hakanabaho agasuzuguro no kwinangira by'abanyabyaha bitagereranywa, bidutera gutaka tuvuga tuti, 'Mbese Imana yibagiwe kuba inyabuntu? Cyangwa se urugi rw'imbabazi rwarakinzwe?'"

Ibyo ntibishobora kuba bidaturutse mu itorero ubwaryo. Umwijima mu by'umwuka ugwirira amahanga, amatorero n'abantu ku giti cyabo ntabwo ku ruhande rw'Imana watewe no gukurwaho k'ubufasha bw'ubuntu mvajuru, ahubwo watewe no kwirengagiza cyangwa kwanga umucyo w'Imana ku ruhande rw'abantu. Icyitegererezo gikomeye cy'uko kuri kigaragara mu mateka y'ishyanga ry'Abayahudi mu gihe cya Kristo. Kubwo kwirundurira mu isi no kwibagirwa Imana n'ijambo ryayo, imyumvire yabo yari yaracuze umwijima, imitima yabo itwarwa n'iby'isi n'irari. Bityo bari bibereye mu bujiji bwo kutamenya ibyo kuza kwa Mesiya, kandi kubw'ubwibone bwabo no kutizera banze Umucunguzi wabo. Nyamara ntabwo Imana yigeze igomwa ishyanga ry'Abayahudi uburyo bwo kumenya cyangwa kugira uruhare ku migisha y'agakiza. Ariko abantu banze kwakira ukuri batakaje ubushake bwose bwo kwakira impano y'Imana. Bahinduye "umucyo bawugira umwijima, n'ibyari umwijima babigira umucyo," kugeza ubwo umucyo wari muri bo wahindutse umwijima. Mbega ukuntu uwo mwijima wari mwinshi!

Gutsimbarara ku mihango y'idini gusa, nyamara abantu bakiberaho nta mwuka wo kubaha Imana ubarangwamo. Banezeza Satani. Ubwo Abayahudi bari bamaze kwanga ubutumwa bwiza, bakomeje gutsimbarara ku mihango yabo ya kera babishishikaye, bakomeza kugundira imyumvire ko ari ishyanga ryihariye, nyamara bo ubwabo baragombaga kumenya ko Imana itakiri hagati muri bo bakabyemera. Ubuhanuzi bwa Daniyeli bwerekanaga ku buryo bugaragara igihe cyo kuza kwa Mesiya, kandi bwavuze iby'urupfu rwe mbere y'igihe mu buryo butaziguye ku buryo Abayahudi bagwabije gahunda yo kubwiga, kandi amaherezo abigisha bakuru bavuga ko umuvumo uzagera ku bantu bose bazagerageza gukora imibare ngo bamenye iby'icyo gihe. Mu binyejana byakurikiyeho Abisirayeli bagumye mu buhumyi no kwinangira, ntibita ku kurarikirwa kwakira agakiza, ntibazirikana imigisha y'ubutumwa bwiza ndetse n'umuburo ukomeye kandi uteye ubwoba waberekagaa akaga barimo kubwo kwanga umucyo mvajuru.

Ahantu hose haboneka impamvu nk'izo, hazanaboneka ingaruka nk'izo zabayeho.

499 Religous Telescope

Umuntu wese wiyemeza ku bushake bwe kwanga ibyo umutima umwemeza akwiriye gukora bitewe n'uko bibangamira ibyo ararikiye, amaherezo azabura ubushobozi bwo gutandukanya ukuri n'ibinyoma. Ubwenge bucura umwijima, umutimanama ukagwa ikinya, umutima ukinangira maze ubugingo bwe bugatandukana n'Imana. Aho ubutumwa buvuga iby'ukuri mvajuru busuzuguwe cyangwa bugapfobywa, itorero rizabundikirwa n'umwijima; kwizera n'urukundo bizakonja kandi kudahuza n'amacakubiri bizaryinjiramo. Abagize itorero berekeza inyungu n'imbaraga zabo mu gushaka iby'isi kandi abanyabyaha bakarushaho kwinangira ntibihane.

Ubutumwa bwa marayika wa mbere bwo mu Byahishuwe 14, buvuga iby'igihe cy'Imana cyo guca urubanza kandi bukaba burarikira abantu gutinya Imana no kuyiha ikuzo, bwatangiwe kugira ngo butandukanye abavuga ko ari ubwoko bw'Imana n'ibyangiza by'isi ndetse no kubakangura ngo babone imiterere yabo nyakuri yo gutwarwa n'iby'isi no gusubira inyuma. Imana yohererereje itorero ubutumwa bw'imbuzi ibunyujije muri ubu butumwa kandi iyo bwemerwa bwajyaga gukosora ibibi byatumaga abagize itorero batandukana na Yo. Iyo bakira ubutumwa mvajuru, bagacisha bugufi imitima yabo imbere y'Uwiteka kandi bagashaka kwitegura kuzagaragara imbere y'Umukiza babikuye ku mutima, imbaraga y'Imana na Mwuka wayo biba byaragaragariye muri bo. Itorero riba ryarageze kuri wa mugisha w'ubumwe bushyitse, ukwizera n'urukundo byariho mu gihe cy'intumwa, igihe abizera bari "bahuje umutima" kandi "bakavuga ijambo ry'Imana bashize amanga," bityo "uko bukeye Umwami Imana ikabongerera abakizwa."[500]

Iyaba abavuga ko ari ubwoko bw'Imana bakiraga umucyo nk'uko ubarasira uturutse mu ijambo ry'Imana, bagera kuri bwa bumwe Kristo yabasabiye ari nabwo intumwa Pawulo yise, "ubumwe bw'Umwuka mu murunga w'amahoro." Pawulo aravuga ati: "Hariho umubiri umwe n'Umwuka umwe, nk'uko mwahamagariwe icyiringiro kimwe cyo guhamagarwa kwanyu. Hariho Umwami *umwe* no kwizera *kumwe* n'umubatizo *umwe*."[501]

Ibyo ni byo byiza byuzuye umugisha abantu bemeye ubutumwa bwo kugaruka kwa Kristo babonye. Bakomokaga mu matorero atandukanye ariko ibyabatandukanyaga bishingiye kuri ayo matorero byarasenywe, imyizerere yabashyamiranyaga yose ihinduka ubusa; ibyiringiro bidashingiye kuri Bibiliya byavugaga ko Kristo agiye kuza akamara imyaka igihumbi ari umwami w'isi birarekwa; ibitekerezo bitari iby'ukuri ku byerekeye kugaruka k'Umukiza birakosorwa; ubwibone no kwisanisha n'ab'isi birashira; amakosa arakosorwa; imitima ihurizwa hamwe, kandi urukundo n'ibyishimo biraganza rwose. Niba iyi nyigisho yarakoze ityo kuri bake bayakiriye, n'ubundi iba yarakoze ibimeze bityo ku bantu iyo baba barayakiriye.

Ariko muri rusange amatorero ntiyemeye iyo miburo. Abayobozi bayo ari bo bari nk'"abarinzi b'inzu ya Isirayeli," bagombye kuba aba mbere mu gusobanukirwa n'ibimenyetso byo kugaruka kwa Yesu, bari barananiwe kwiga ukuri bagukuye mu bihamya byatanzwe n'abahanuzi cyangwa ku bimenyetso by'ibihe. Uko kwiringira iby'isi no kubirangamira byuzuraga imitima yabo, gukunda Imana no kwizera

500 Ibyakozwe 4:32, 31; 2:47
501 Abefeso 4:3-5

ijambo ryayo byagendaga bikendera; kandi ubwo inyigisho zivuga ibyo kugaruka kwa Kristo zigishwaga, byakanguye urwikekwe rwabo no kwinangira. Impamvu bitwaje yo kurwanya ubwo butumwa yari uko umugabane munini bwigishwaga n'abakorerabushake. Nk'uko aba kera babigenje, ubuhamya bwumvikana bw'ijambo ry'Imana babwibazagaho batya bati: "Mbese hari n'umwe mu bayobozi cyangwa mu Bafarisayo wabyemeye?" Abantu benshi babonye ko kurwanya ingingo zavugwaga zishingiye ku bihe by'ubuhanuzi bitoroshye, barwanyije kwiga ubuhanuzi, bakigisha ko ibitabo by'ubuhanuzi byafatanishijwe ikimenyetso kandi ko bidashobora gusobanuka. Abantu benshi biringiraga abapasitoro babo mu buryo bw'ubuhumyi, banze kumva umuburo; naho abandi nubwo bemeraga ukuri, ntibatinyukaga kukuvuga "batinya gucibwa mu rusengero." Ubutumwa Imana yohereje ngo bugerageze itorero kandi buriboneze, bwerekanye ku mugaragaro ukuntu abantu batagira ingano barunduriye imitima yabo ku by'isi mu mwanya wa Kristo. Imigozi yari ibahambiriye ku isi yari ikomeye cyane kuruta uko bari barangamiye ijuru. Bahisemo kumva ijwi ry'ubwenge bw'isi maze batera umugongo ubutumwa bw'ukuri bukora ku mutima.

Mu kwanga umuburo wa marayika wa mbere, banze uburyo bwo kubazahura Imana yari yaratanze. Basuzuguye intumwa y'inyampuhwe yagombaga kuba yarakuyeho ibibi byabatandukanyaga n'Imana, ahubwo n'umuhati mwinshi bahindukirira gushaka kugirana ubucuti n'isi. Aho ni ho hari intandaro y'iyo mibereho iteye ubwoba yo gusaya mu by'isi, gusubira inyuma ndetse n'urupfu mu by'umwuka byariho mu mwaka wa 1844.

Mu gice cya 14 cy'Ibyahishuwe, marayika wa mbere akurikirwa n'uwa kabiri uvuga atya ati: "Iraguye! Iraguye! Babuloni wa mudugudu ukomeye, wateretse amahanga yose inzoga, ni zo ruba ry'ubusambabyi bwawo."[502] Ijambo "Babuloni" rikomoka kuri "Babel" kandi risobanura urudubi. Rikoreshwa mu Byanditswe bavuga uburyo bunyuranye bw'amadini avuga ibinyoma n'ahakana Imana. Mu gice cya 17 cy'Ibyahishuwe, Babuloni yerekanwa mu ishusho y'umugore, ishusho ikoreshwa na Bibiliya nk'ikimenyetso cy'itorero, umugore w'imico myiza agashushanya itorero ritunganye naho umugore wa maraya agashushanya itorero ryaguye.

Muri Bibiliya, imico iboneye kandi ihoraho mu isano iri hagati ya Kristo n'itorero ishushanywa mu bumwe bwo gushyingiranwa. Uhoraho yifatanyije n'ubwoko bwe binyuze mu isezerano rikomeye, abusezeranira kuba Imana yabwo, kandi na bo barahirira kumwiyegurira wenyine. Yaravuze ati: "Kandi nzakwishyingira ube uwanjye iteka ryose; ni ukuri nzakwishyingira ube uwanjye nkiranuka ngaca imanza zitabera, nkagukunda kandi nkakubabarira."[503] Na none kandi yaravuze ati: "Kuko mbabereye umugabo."[504] Kandi Pawulo nawe akoresha ishusho nk'iyo mu Isezerano Rishya igihe avuga ati: "Nabakwereye umugabo umwe, ni we Kristo, ngo mubashyingire mumeze nk'umwari utunganye."[505]

Guhemukira Kristo kw'itorero mu gihe ryamuvanagaho ibyiringiro byaryo

502 Ibyahishuwe 14:8
503 Hoseya 2:19
504 Yeremiya 3:14
505 2 Abakorinto 11:2

n'urukundo rwaryo, ndetse no kwemera ko urukundo rw'iby'isi ruganza mu mitima, bigereranywa no gutatira indahiro yo gushyingiranwa. Icyaha cya Isirayeli cyo kwitandukanya n'Imana kigaragazwa muri iyo shusho; kandi urukundo rutarondoreka rw'Imana basuzuguye ako kageni, ruvugwa mu buryo bukora ku mutima ngo, "narakurahiye, nsezerana nawe, maze uba uwanjye. Ni ko Umwami Uwiteka avuga." "Wari ufite uburanga buhebuje, urahirwa ndetse umera nk'umwamikazi. Maze kwamamara kwawe kugera mu mahanga bitewe n'ubwiza bwawe, kuko bwari buhebuje, bwunguwe n'icyubahiro cyanjye naguhaye. . . Ariko wiringiye ubwiza bwawe, usambana ubitewe no kogezwa kwawe." "Ni ukuri uko umugore ariganya umugabo we akahukana, ni ko nanjye mwandiganije wa nzu ya Isirayeli we!" "Uri umugore w'umugabo kandi ugasambana, ukaryamana n'abashyitsi aho kuryamana n'umugabo wawe!"[506]

Mu Isezerano Rishya, imvugo nk'iyi ikoreshwa habwirwa abavuga ko ari Abakristo bishakira kugirana ubucuti n'isi bakabirutisha ubuntu bw'Imana. Intumwa Yakobo iravuga iti: "Yemwe basambanyi namwe basambanyikazi, ntimuzi yuko ubucuti bw'iby'isi butera kwangwa n'Imana? Nuko rero umuntu wese ushaka kuba incuti y'iby'isi, aba yihinduye umwanzi w'Imana."

Umugore (Babuloni) uvugwa mu Byahishuwe 17, avugwa ko "yambaye umwenda w'umuhengeri n'uw'umuhemba. Yari arimbishijwe n'izahabu n'amabuye y'igiciro cyinshi n'imaragarita; mu ntoki ze yari afite igikombe cy'izahabu cyuzuye ibizira n'imyanda y'ubusambanyi bwe. Mu ruhanga rwe afite izina ry'amayoberane ryanditswe ngo: Babuloni ikomeye, nyina w'abamaraya, kandi nyina w'ibizira byo mu isi." Umuhanuzi aravuga ati: "Mbona ko uwo mugore asinze amaraso y'abera n'amaraso y'abahowe Yesu."[507] Ibirenze ibyo Babuloni ivugwa ngo, "Niwe wa mudugudu ukomeye utegeka abami bo mu isi."[508] Ubutegetsi bwamaze imyaka amagana menshi butegekesha igitugu abami bose b'ahantu hose harangwaga abizera Kristo ni Roma. Ibara ry'umuhemba n'umuhengeri, izahabu, amabuye y'agaciro n'imaragarita byose biranga mu buryo bugaragara ubwiza n'uburemere bw'icyubahiro kirenze icy'abami byari bifitwe n'ubutegetsi bw'i Roma. Ikigeretse kuri ibyo, nta bundi butegetsi butari ubwo bwajyaga kuvugwa ko, "bwasinze amaraso y'abera" nk'iryo torero ryatoteje abayoboke ba Kristo ribica urupfu rubi. Babuloni kandi iregwa icyaha cyo kwifatanya "n'abami b'isi kutemewe n'amategeko." Mu kwitandukanya n'Umukiza no kwifatanya n'abapagani ni bwo buryo itorero ry'Abayahudi ryahindutse umusambanyi; kandi Roma nayo yihindanyije muri ubwo buryo ibinyujije mu gushaka gushigikirwa n'ubutegetsi bw'isi, bityo nayo icirwa urubanza nk'urwo.

Babuloni ivugwa ko ari "nyina w'abamaraya." Abakobwa be bashushanya amatorero yihambira ku mahame n'imigenzo yayo, kandi agakurikiza urugero rwa Babuloni rwo kwirengagiza ukuri no kwanga kwemerwa n'Imana kugira ngo abone uko yifatanya n'isi. Ubutumwa bwo mu Byahishuwe 14, butangaza kugwa kwa Babuloni bwerekeje ku madini yahoze atunganye ariko ubu akaba yarahindanye. Kubera ko ubwo butumwa bukurikira ubutumwa bw'imbuzi buvuga iby'urubanza,

506 Ezekiyeli 16:8, 13-15, 32; Yeremiya 3:20
507 Ibyahishuwe 17:4-6
508 Ibyahishuwe 17:18

bugomba kwigishwa mu minsi iheruka. Bityo rero ntibwerekeje ku itorero ry'i Roma gusa, kubera ko iryo torero rimaze imyaka amagana menshi ryaraguye. Byongeye kandi mu gice cya cumi n'umunani cy'Ibyahishuwe, dusangamo ko ubwoko bw'Imana buhamaragirwa gusohoka muri Babuloni. Dukurikije uwo murongo, benshi mu bana b'Imana baracyari muri Babuloni. None se ni yahe matorero abarizwamo umugabane munini w'abayoboke ba Kristo muri iki gihe? Nta gushidikanya bari mu matorero menshi afite imyizerere ya Giporotesitanti. Mu gihe cy'itangira ry'ayo matorero, yahagarariye Imana neza ndetse n'ukuri kandi imigisha y'Imana yari kuri yo. Ndetse n'abatizera byabaye ngombwa ko babona umusaruro mwiza wavaga mu kwemera amahame y'ubutumwa bwiza. Uwiteka yabwiye Abisirayeli abinyujije mu kanwa k'umuhanuzi ati: "Maze kwamamara kwawe kugera mu mahanga bitewe n'ubwiza bwawe, kuko bwari buhebuje, bwunguwe n'icyubahiro cyanjye naguhaye. Ni ko Umwami Uwiteka avuga." Nyamara ayo matorero yaraguye bitewe n'ibyifuzo nk'ibyatumye Isirayeli igerwaho n'umuvumo kandi ikarimbuka. Icyo cyifuzo cyari icyo kwigana imikorere y'abatubaha Imana no kugirana na bo ubucuti. "Wiringiye ubwiza bwawe, maze usambana ubitewe no kogezwa kwawe." (Ezekiyeli 16:14, 15).

Amenshi mu matorero y'Abaporotesitanti akurikiza urugero rwa Roma rwo kugirana umubano ushingiye ku kugomera Imana igirana n'"abami b'isi," amadini ya Leta, n'isano bagirana n'ubuyobozi bwa za Leta z'isi; ndetse n'andi madini bagamije kurebwa neza n'isi. Bityo rero, ijambo "Babuloni" (urudubi) rishobora gukoreshwa neza kuri ayo matorero yose avuga ko inyigisho zabo zikomoka muri Bibiliya, nyamara akaba arimo amatsinda atabarika afite imyizerere n'inyigisho bihabanye. Uretse kunga ubumwe n'isi mu cyaha, amatorero yitandukanyije na Roma aracyafite ibindi bintu biranga Roma.

Igitabo kimwe cy'itorero Gatolika ry'i Roma kiravuga kiti: "Niba itorero ry'i Roma rifite icyaha cyo gusenga ibigirwamana mu byerekeye kuramya abatagatifu, umukobwa waryo ari we torero ry'Ubwongereza (Abangilikani) na ryo rihamwa n'icyo cyaha kuko rifite insengero cumi zeguriwe Mariya mu gihe rumwe gusa ari rwo rweguriwe Kristo."[509]

Na Dogiteri Hopkins mu gitabo yanditse aravuga ati: "Nta mpamvu iriho yo gushingirwaho ngo hafatwe ko mwuka wa antikristo ndetse n'imikorere ye bibarwa gusa ku cyo abantu bita itorero ry'i Roma. Amatorero y'Abaporotesitanti afite umwuka ukabije muri yo wo kurwanya Kristo, kandi yageze kure cyane ku buryo atavugururwa rwose ngo ave mu gusayisha n'ubugome."[510]

Ku byerekeye ugutandukana kw'itorero ry'Abaperesebuteriyani n'itorero ry'i Roma, Dogiteri Guthrie yaranditse ati: "Hashize imyaka magana atatu itorero ryacu rifashe ibendera rishushanyijweho Bibiliya irambuye kandi rifashe igitambaro cyanditswemo iyi ntero ngo, 'Mucukumbure mu Byanditswe' maze risohoka mu marembo y'i Roma." Abaza ikibazo cyumvikana ati: "Mbese basohotse muri Babuloni batunganye?"[511]

Uwitwa Spurgeon nawe aravuga ati: "Itorero ry'Abangilikani risa n'iryamizwe na gahunda z'amasakaramento, ariko kandi ibyo byabaye nk'ibiha urwaho kutizera

509 Richard Challoner, The Cathoric Christian Instructed, Preface, pp.21,22
510 Samuel Hopkins, Works, vol.2, p.328
511 Guthrie, The Gospel in Ezekiel, p.237

gushingiye ku bucurabwenge. Abo twari dutegerejeho ibintu byiza kuruta abandi bagenda basubira inyuma bakurikiranye. Ntekereza ko umutima w'Ubwongereza wamunzwe no kutizera guciriweho iteka guhangara no kujya ku ruhimbi kukiyita ubukristo."

Mbese inkomoko y'ubuhakanyi bukomeye yabaye iyihe? Ni mu buhe buryo itorero ryitandukanyije bwa mbere no gucisha bugufi kuvugwa mu butumwa bwiza? Byaturutse ku gukurikiza imikorere y'ubupagani kugira ngo itorero ryorohereze abapagani kwemera Ubukristo. No mu gihe cye, intumwa Pawulo yaravuze ati: "Amayobera y'ubugome atangiye gukora."[512] Mu gihe intumwa zari zikiriho, ugereranyije wasanga itorero ryari ritunganye. "Ariko bigeze ahagana mu iherezo ry'ikinyejana cya kabiri, amatorero menshi yarahindutse afata indi sura; kwa kwicisha bugufi kwa mbere kwarayoyotse, kandi uko abigishwa ba kera bagendaga bapfa, abana babo hamwe n'abantu bashya bihanaga barabasimburaga maze ubutumwa babuha ishusho nshya."[513] Kugira ngo babone umubare utubutse w'abihana, urugero ngenderwaho rw'ukwizera kwa Gikristo rwacishijwe bugufi, maze ingaruka iba iy'uko "umwuzure w'imico ya gipagani wisuka mu itorero, uzana n'imigenzo, imikorere ndetse n'ibigirwamana biwurangwamo." Uko itorero rya gikristo ryemeraga gufashwa no gushyigikirwa n'abategetsi b'isi, ni ko ryemerwaga n'abantu benshi cyane. Nyamara nubwo bagaragaraga nk'abakristo, benshi "ntibyababujije gukomeza kwibera mu bupagani ariko by'umwihariko basengera ibigirwamana byabo mu rwihisho."[515]

Mbese ibintu nk'ibyo ntibyagiye byongera gukorwa hafi muri buri torero ryose ryiyita Abaporotestanti? Uko abayatangije, ari nabo bari bafite umwuka nyakuri w'ivugurura bagendaga bapfa, ababakomokaho barabasimburaga ubutumwa bwayo bugahabwa ishusho nshya." Nubwo bihambiraga ku myizerere ya ba se mu buryo bw'ubuhumyi kandi bakanga kwemera ukuri kose batigeze bamenya, abana b'abagorozi bagiye kure y'urugero rwo kwicisha bugufi, kwitanga no kwanga iby'isi. Uko ni ko kwicisha bugufi kwa mbere kwabavuyemo." Umwuzure w'imico y'ab'isi wisutse mu itorero, uzana n'imigenzo no gusenga ibigirwamana by'ab'isi."

Mbega ukuntu biteye ubwoba kubona uko gukunda iby'isi ari byo bitera, "guhinduka umwanzi w'Imana," muri iki gihe byahawe intebe mu bavuga ko ari abayoboke ba Kristo! Mbega ukuntu amatorero y'ibyamamare y'aharangwa Ubukristo hose yahabye akajya kure y'amabwiriza ya Bibiliya mubyo kwicisha bugufi, kwiyanga, kwiyoroshya no kubaha Imana! Ubwo Yohana Wesley yavugaga iby'uburyo bwiza bwo gukoresha amafaranga yaravuze ati: "Ntimugapfushe ubusa umugabane uwo ari wo wose w'iyo mpano y'agatangaza kugira ngo munezeze ibyo amaso yanyu yifuza, kubwo kwishyiraho imitako ihenze kandi idafitiye umubiri akamaro. Ntimukagire umugabane na muto mupfusha ubusa kubwo kurimbisha amazu yanyu; mu kugura ibikoresho byo mu rugo bihenze kandi bidafite akamaro; mu kugura amashusho n'amarangi by'igiciro kirekire. . . " Ntimukagire icyo mutangira gushimisha ubwibone bw'ubuzima, no kugira ngo mutangarirwe kandi

512 2 Abatesalonike 2:7
513 Robert Robinson, Ecclesiastical Researches, ch.6. Par.17, p.51.
514 Gavazzi, Lectures, p.278.
515 Ibid.,p.278.

musingizwe n'abantu. . . 'Igihe cyose muzakora ibyiza, abantu ntibazabura kubavuga neza.' Igihe cyose mwambara 'imyambaro y'umuhengeri n'umuhemba,' ukifata neza buri munsi, nta gushidikanya abantu benshi bazagushimira ko uberewe, ko ugira ubuntu kandi wakira abashyitsi. Ariko ntimugashake kubahatira kubashimagiza mu buryo burenze. Ahubwo mushimishwe n'icyubahiro gituruka ku Mana."[516] Nyamara mu matorero menshi yo muri iki gihe cyacu, iyo nyigisho ntigihabwa agaciro.

Kwitirirwa idini runaka byahindutse rusange mu isi. Abayobozi, abanyapolitiki, abacamanza, abaganga n'abacuruzi bayoboka itorero runaka ari uburyo bwo gushaka icyubahiro no kwiringirwa n'abantu no kugera ku nyungu zabo bwite z'iby'isi. Uko ni ko bagerageza guhisha ibyo bakora bidatunganye bakabitwikiriza umwenda w'Ubukristo. Amatorero menshi, iyo ashyigikiwe n'ubukungu n'ubushobozi by'abo bantu babatijwe nyamara bagamije inyungu z'isi, ashakashakana umwete kuba ibyamamare no gufashwa. Insengero z'ibitangarirwa, zitatswe mu buryo bw'akataraboneka zubakwa ahantu abantu benshi bakunda guhurira. Abaje kuramya bambara imyenda ihenze kandi igezweho. Umuvugabutumwa ufite impano yo kunezeza abayoboke no kubakurura ahembwa umushahara munini. Mu bibwirizwa bye, ntagomba kwamagana ibyaha rusange biri mu bantu, ahubwo amagambo ye agomba kuba asize umunyu kandi aryoheye amatwi y'abakunda ibigezweho. Muri ubwo buryo, abanyabyaha bakunda ibigezweho bandikwa mu bitabo by'itorero, kandi ibyaha bigezweho bigatwikiririrwa umwenda wo kwigira intungane.

Mu kuvuga iby'uko abantu bavuga ko ari Abakristo bitwara imbere y'ab'isi, ikinyamakuru cyamamaye cyane mu nyandiko z'iby'isi cyaravuze kiti: "Itorero ryagiye ryakira buhoro buhoro mu buryo butagaragara umwuka w'iby'iki gihe, maze rihuza uburyo bwaryo bwo gusenga n'ibyo ab'iki gihe bashaka." "Itorero rikoresha ibintu byose birifasha gutuma iby'idini biba ibintu bikurura abantu." Ku byerekeye imiterere y'itorero ry'Abametodisiti, umwanditsi umwe wo mu kinyamakuru cyitwa "Independent" cyo muri New York yaravuze ati: "Umurongo utandukanya abubaha Imana n'abatayubaha uragenda usibangana uhinduka umwijima, kandi abantu bo muri ayo matsinda yombi bamaramaje bakora uko bashoboye ngo bakureho ryose itandukaniro riboneka hagati y'uburyo bihariye bwo gukora n'ibibanezeza." "Kwamamara kw'iby'idini kuragenda kongera cyane umubare w'abantu bifuza kubona inyungu zibirimo ariko batuzuje inshingano basabwa."

Uwitwa Howard Crosby yaravuze ati: "Ni ikintu gikomeye cyane kubona uburyo itorero rya Kristo ridasohoza imigambi y'Umwami waryo. Nk'uko Abayahudi ba kera baretse ukwifatanya n'amahanga asenga ibigirwamana kugakura imitima yabo ku Mana,... ni ko muri iki gihe, ku bw'ubufatanye bubi n'ab'isi batizera, itorero rya Yesu rigenda rireka uburyo bw'imibereho yaryo nyakuri bwagenwe n'Imana, bityo rikemera imigenzereze mibi y'abatubaha Kristo, rigakoresha ibitekerezo ndetse rikagera ku myanzuro ihabanye n'ibyo Imana yahishuye ndetse inarwanya gukurira mu buntu bw'Imana kose."[517]

Muri urwo rujya n'uruza rw'iby'isi no kwishakira ibinezeza, umutima wo kwiyanga n'ubwitange kubwa Kristo usa n'uwazimangatanye rwose. "Muri iki

516 Wesley, Works, Sermon 50, "The Use of Money."
517 The Healthy Christian: An Appeal to the Church, pp.141,142.

gihe abagabo bamwe n’abagore bagize itorero, bigishijwe kwigomwa kugira ngo babashe kugira icyo batanga cyangwa bakora mu murimo wa Kristo ubwo bari bakiri abana.” Ariko se ubu, igihe itorero rikeneye amafaranga, . . . nta muntu wasabwa gutanga. Oya! ahubwo hategurwa igurisha, ibitaramo bya nijoro, tombola, ibirori byo gusangirira hamwe nk'ibyabagaho mu gihe cya kera, cyangwa hagategurwa ibyo kurya runaka. Hashakwa ikintu icyo ari cyo cyose cyashimisha abantu.”

Uwitwa Washburn wari umuyobozi w’intara ya Wiscosin ubwo yatangagaga ubutumwa bwe bwa buri mwaka, ku itariki ya 9 Mutarama 1873 yaravuze ati: “Bisa n'aho hakenewe itegeko ryo gufunga amashuri agaragaramo gukina urusimbi. Ayo mashuri ari hirya no hino. Ndetse n'itorero (mu buryo ritagambiriye, nta gushidikanya) rimwe na rimwe usanga rikora umurimo w'umwanzi. Ibitaramo bigamije gusaba abantu impano, gahunda zo gusaba impano na za tombora rimwe na rimwe bikorwa mu rwego rwo gufasha imigambi y'idini n'ibikorwa by’ubugiraneza, nyamara akenshi iyo migambi nta gaciro iba ifite. Iriya mikorere yose ni inzira zo kubona amafaranga kandi uyatanze nta cyo yungutse. Nta kintu na kimwe gisenya imico mbonera cyangwa cyangiza intekerezo ku rubyiruko, nko kubona amafaranga cyangwa umutungo umuntu atagize icyo akora. Kubera ko abantu b'abanyacyubahiro bishora muri ibyo bikorwa byo gushakishiriza ku mahirwe ndetse no korohereza intekerezo zabo batekereza ko amafaranga agomba gutangirwa umugambi mwiza, nta gitangaje ko urubyiruko rwo mu gihugu akenshi rwiroha mu ngeso iterwa no gutwarwa n'imikino ya tombora.”

Umwuka wo kwihwanya n’ab’isi uragenda wigarurira amatorero menshi aharagwa ubukristo hose. Uwitwa Robert Atkins, mu kibwirizwa yabwiririje mu murwa mukuru w'Ubwongereza (London), yerekanye ishusho yijimye y'uburyo gusubira inyuma mu by'umwuka biganje mu Bwongereza agira ati: “Abantu b'intungane nyakuri bagabanyutse ku isi, kandi ubona nta muntu ubyitayeho. Muri buri torero, abantu bavuga ko ari abanyadini muri ibi bihe byacu, usanga ari abantu bakunda n’iby’isi, bigana iby’ab'isi bakora, bakunda ibyiza byayo kandi baharanira icyubahiro. Bahamagariwe kubabarana na Kristo, ariko iyo bahuye n’akaga basubira inyuma. . . Ubuhakanyi, ubuhakanyi, ubuhakanyi ngibyo ibigaragara ku miryango y'amatorero yose; nyamara iyo bajya kubimenya, iyo bajya kubyumva, bajyaga kugira ibyiringiro se! Ahubwo barivugira bati: “Turakize, dufite umutungo mwinshi, kandi ntacyo dukennye rwose.”’[518]

Icyaha gikomeye Babuloni iregwa ni uko “yateretse amahanga yose inzoga ari zo ruba ry’ubusambanyi bwayo.” Iki gikombe gisindisha iha abatuye isi cyerekena inyigisho z'ibinyoma Babuloni yemeye zikomoka ku kwifatanya n'abakomeye bo ku isi mu buryo butemewe n'amategeko.
Kugirana ubucuti n'ab'isi kwangiza ukwizera kw'itorero rishushanywa na Babuloni maze ku ruhande rwaryo na ryo rikayobya abatuye isi rikoresheje inyigisho zaryo zihabanye n'ukuri kumvikana neza kandi gushyitse kw'Ibyanditswe Byera.

Roma yakuye Bibiliya mu bantu kandi isaba abantu bose kwemera inyigisho zayo mu mwanya wa Bibiliya. Umurimo w’Ubugorozi wari ugendereye kugarura ijambo ry'Imana mu bantu; ariko se mbese si ukuri ko mu matorero yo mu gihe

518 Second Advent Library, tract No.39

cyacu abantu bigishwa gushingira kwizera kwabo ku mategeko n'inyigisho by'itorero ryabo mu mwanya wo gushingira ku Byanditswe Byera? Ubwo Charles Beecher yavugaga ku matorero y’Abaporotesitanti, yaravuze ati: “Bababazwa n’ijambo ryose rivuzwe rirwanya imyemerere yayo nk'uko abapadiri bashoboraga kubabazwa n’ijambo ribi ribuzanya kubaha abatagatifu n’abapfuye bahowe kwizera kwabo. . . . Amatorero y’ibwirizabutumwa y’Abaporotesitanti yafatanye mu biganza cyane ku buryo muri yo yose nta muntu ushobora kuba umubwirizabutumwa aho ari ho hose atabanje kwemera igitabo kindi kibangikanywa na Bibiliya. . . Ntabwo byaba ari ugukekeranya umuntu aramutse avuze ko ubushobozi bw’indongozi z'amatorero ubu bwatangiye kubuzanya Bibiliya mu by'ukuri nk’uko Roma yabikoze, nubwo babikora mu buryo butagaragara neza.”[519]

Igihe abigisha b’indahemuka bamamazaga ijambo ry’Imana, habonetse abantu b'intiti ndetse n'ababwiriza bavuga ko basobanukiwe n’Ibyanditswe, maze barwanya inyigisho nzima bavuga ko ari ubuhakanyi, bityo bayobya abashakaga kumenya ukuri. Iyo abatuye isi bataza gusindishwa n'inzoga bateretswe na Babuloni ku rwego ruhanitse, abantu benshi bajyaga kwemezwa kandi bagahindurwa n'ukuri kw’Ijambo ry’Imana kumvikana kandi gucengera mu mitima. Ariko kwizera kw’idini kumeze nk’ukujijisha cyangwa nk’ukuvuguruzanya ku buryo abantu bagera aho batabasha kumenya ibyo batakwizera ko ari ukuri. Icyaha cyo kutihana kw'ab'isi kiri ku muryango w'itorero.

Ubutumwa bwa marayika wa kabiri bwo mu Byahishuwe 14, bwabwirijwe bwa mbere mu mpeshyi y’umwaka wa 1844, kandi icyo gihe bwari bwerekeje by’umwihariko ku matorero yo muri Leta zunze Ubumwe za Amerika aho imiburo yerekeye urubanza yari yaravugiwe cyane nyamara ntiyitabwaho mu buryo bukomeye, kandi ni naho ubuhenebere mu matorero bwari bwarihuse cyane. Ariko ubutumwa bwa marayika wa kabiri ntibwasohoye bwose mu mwaka wa 1844. Icyo gihe amatorero yagize kugwa mu by'imico-mbonera bitewe n'uko yanze umucyo w’ubutumwa bujyanye no kugaruka kwa Kristo; ariko uko kugwa ntikwabaye kurambarara burundu. Uko bakomezaga kwanga ukuri kudasanzwe kugenewe iki gihe, ni ko barushagaho guhenebera. Nyamara igihe cyari kitaragera cyo kuvuga ngo, “Iraguye , iraguye Babuloni . . . yateretse amahanga yose inzoga ari zo ruba ry’ubusambanyi bwawo.” Babuloni yari itaramara gusindisha amahanga. Umwuka wo kwishushanya n’isi no kutita ku kuri gushungura abantu kugenewe iki gihe biracyariho kandi byagiye biganza mu matorero yose afite imyizerere ya Giporotesitanti ari mu bihugu byose birangwamo Ubukristo; kandi ayo matorero na yo arebwa n'ubutumwa bukomeye kandi buteye ubwoba bwa marayika wa kabiri. Ariko kandi umurimo w'ubuhakanyi nturagera ku rugero ruheruka.

Bibiliya ivuga ko mbere yo kugaruka k’Umukiza, Satani azakorana “imbaraga zose n’ibimenyetso n’ibitangaza by’ibinyoma, n’ubuhendanyi bwose bwo gukiranirwa;”[520] kandi ko “ku batemeye ukuri ngo bakizwe” bazarekerwa mu mwuka w’“ubushukanyi bukomeye cyane ngo bizere ibinyoma.” Igihe ibi byangombwa bizaba bimaze kuzuzwa, kandi kwifatanya kw'itorero n'isi bikagerwaho mu buryo

519 Sermon on “The Bible a Sufficient Creed,” delivered at Fort Wayne, Indiana, February 22, 1846.
520 2 Abatesalonike 2:9-11

bwuzuye aharangwa Ubukristo hose, ni bwo kugwa kwa Babuloni kuzuzura. Izo mpinduka zigenda buhoro buhoro, kandi ugusohora guheruka k'ubutumwa bwo mu Byahishuwe 14:8 kuzabaho mu gihe kizaza.

Nubwo hari umwijima mu by'umwuka ndetse no gutandukana n'Imana birangwa mu matorero agize Babuloni, umugabane munini w'abayoboke nyakuri ba Kristo baracyarangwa muri ayo matorero. Muri bo harimo benshi batigeze bumva ukuri kudasanzwe kugenewe iki gihe. Hari benshi batanyuzwe n'uko bari muri iki gihe kandi bifuza cyane kubona umucyo uruseho. Bashakisha ishusho ya Kristo mu matorero barimo ariko ntibayibone. Uko ayo matorero azagenda arushaho kujya kure y'ukuri maze akifatanya cyane n'isi, ni ko itandukaniro hagati y'ayo matsinda yombi rizarushaho kuba rinini, kandi ayo matsinda atandukane. Igihe kizagera ubwo abakunda Imana kuruta byose batazashobora gukomeza komatana n'"abakunda ibibanezeza kuruta Imana, bafite ishusho yo kwera ariko bahakana imbaraga zako."

Nk'ingaruka yo kutita ku miburo itatu yo mu Byahishuwe 14:6-12, igice cya 18 cy'Ibyahishuwe cyerekana igihe itorero rizaba ryuzuje ibyangombwa byavuzwe na marayika wa kabiri, kandi abana b'Imana bazaba bakiri muri Babuloni bazahamagarirwa kwitandukanya na yo. Ubu butumwa ni bwo butumwa buheruka buzabwirwa isi; kandi buzarangiza umurimo wabwo. Igihe "abatizeye iby'ukuri bose ahubwo bakishimira gukiranirwa"[521] bazarekwa ngo bakire ubuhakanyi bukomeye kandi ngo bizere ikinyoma, ni bwo umucyo w'ukuri uzamurikira abafite imitima yiteguye kuwakira, kandi abana b'Imana bose bakiri muri Babuloni bazumvira iri hamagara ngo: "Bwoko bwanjye, nimuwusohokemo"[522]

IGICE CYA 22

UBUHANUZI BWASOHOYE

Mu muhindo w'umwaka wa 1844, ubwo igihe Kristo yari yitezwe kugaruka cyahitaga, abari barategereje kugaruka kwe bafite kwizera bamaze igihe runaka mu majune no mu gushidikanya. Nubwo ab'isi bababonaga nk'abatsinzwe ruhenu kandi bakagaragara ko bishingikirije ku binyoma, isoko yo guhumurizwa kwabo yakomeje kuba ijambo ry'Imana. Benshi bakomeje kwiga Ibyanditswe, bongera kugenzura ibihamya byo kwizera kwabo kandi bakigana ubushishozi ubuhanuzi kugira ngo babone umucyo uruseho. Ubuhamya bwa Bibiliya bari bishingikirijeho bwari busobanutse kandi butagira ikindi bwakongerwaho. Ibimenyetso bitashoboraga kwibeshya byerekanaga ko kugaruka kwa Kristo kwegereje. Umugisha udasanzwe w'Uwiteka wagaragariye mu guhinduka kw'abanyabyaha ndetse n'ububyutse mu by'umwuka bwabaye mu Bakristo, byari byarahamije ko ubutumwa bwabo bukomoka mu ijuru. Kandi n'ubwo abizera

521 2 Abatesalonike 2:12
522 Ibyahishuwe 18:4

batashoboye gusobanura impamvu babuze icyo bari bategereje, bumvaga biringiye ko Imana ari yo yabayoboye mu byo banyuzemo.

Ubuhanuzi bari barabonye bujyanye n'igihe cyo kugaruka kwa Kristo, bwari bukubiyemo amabwiriza ajyanye n'igihe kidasanzwe cyo gushidikanya no kubura icyo bakora, kandi bwababateraga ubutwari bwo gutegereza bihanganye bafite kwizera kuko ibyari nk'umwijima mu ntekerezo zabo byagombaga gusobanuka igihe gikwiriye kigeze.

Muri ubwo buhanuzi harimo ubwa Habakuki 2:1-4; buvuga buti: "Nzahagarara hejuru y'umunara, aho ndindira; kandi nzarangaguza ndeba aho ari, numva icyo ambwira, n'uko nzasubiza ku bw'icyo namuganyiye. Maze Uwiteka aransubiza ati: "Andika ibyerekanywe, ubigaragaze ku mbaho, kugira ngo ubisomye abyihutire. Kuko ibyerekanywe bifite igihe byategekewe, ntibizatinda kukigeraho kandi ntibizabeshya, n'aho byatinda ubitegereze, kuko kuza ko bizaza, ntibizahera. Dore umutima we wishyize hejuru; ntumutunganyemo, ariko umukiranutsi azabeshwaho no kwizera kwe."

Byegereje umwaka wa 1842, amabwirizwa yatanzwe muri ubu buhanuzi avuga, "kwandika ibyerekanywe no kubigaragaza ku mbaho, kugira ngo ubisomye abyihutire," yari yarateye Charles Fitch gutegura imbonerahamwe y'ubuhanuzi kugira ngo agaragaze iyerekwa rya Daniyeli n'iryo mu Byahishuwe. Ishyirwa ahagaragara ry'iyo mbonerahamwe ryafashwe nk'aho ari isohozwa ry'itegeko ryatanzwe n'umuhanuzi Habakuki. Nyamara, nta muntu n'umwe wamenye ko gutinda kugaragara ko kwabayeho mu isohora ry'iryo yerekwa (ari cyo gihe cyo gutegereza) kwari kwaravuzwe muri ubwo buhanuzi. Nyuma yo kutabona ibyo bari biteze, aya magambo avugwa mu Byanditswe yumvikanye neza: "Kuko ibyerekanywe bifite igihe byategekewe, ntibizatinda kukigeraho, kandi ntibizabeshya; naho byatinda ubitegereze; kuko kuza ko bizaza, ntibizahera. .. . ariko umukiranutsi azabeshwaho no kwizera kwe."

Umugabane umwe w'ubuhanuzi bwa Ezekiyeli nawo wari isoko y'imbaraga n'ihumure ku bizera. Uwo mugabane w'ubuhanuzi uravuga uti: "Nuko ijambo ry'Uwiteka rinzaho riti, 'Mwana w'umuntu, uyu mugani ucibwa mu gihugu cya Isirayeli usobanurwa ute, ngo iminsi iratinze, kandi iyerekwa ryose rirahebwe? Noneho ubabwire uti, 'Uku ni ko Umwami Uwiteka avuga ngo. . . 'Iminsi igeze hafi, n'iyerekwa ryose rigiye gusohozwa. Nta yerekwa ry'ibinyoma cyangwa ubupfapfa bwo kwihakirizwa, bizongera kuba mu nzu ya Isirayeli. Kuko ndi Uwiteka nzavuga, kandi ijambo nzavuga rizasohora. Ntabwo rizongera kurazikwa, kuko mu minsi yanyu mwa ab'inzu y'ubugome mwe, nzavuga kandi nzasohoza icyo navuze." "Ab'inzu ya Isirayeli baravuga bati: 'Iyerekwa yabonye rizasohora bishyize kera, kandi ahanura ibihe bikiri kure cyane. Nuko rero ubabwire uti, 'Uku niko Umwami Uwiteka avuga ngo: "Amagambo yanjye yose nta na rimwe rizongera kurazikwa, ahubwo ijambo nzavuga rizasohora."[523]

Abo bari bategereje barishimaga, kuko bari bizeye ko wa wundi umenyera iherezo mu itangiriro yari yaritegereje mu myaka myinshi, abona ugucika intege kwabo mbere y'igihe. Yari yarabahaye amagambo atera ubutwari n'ibyiringiro. Iyo

523 Ezekiyeli 12:21-25. 27, 28

hatabaho uwo mugabane w'Ibyanditswe Byera wabasabaga gutegereza bihanganye no gushingira ibyiringiro byabo mu ijambo ry'Imana, ukwizera kwabo kwajyaga kudohoka muri icyo gihe cy'ikigeragezo.

Umugani w'abakobwa cumi uvugwa muri Matayo 25 na wo werekana ibyabaye ku Badiventisiti. Muri Matayo 24, ubwo Kristo yasubizaga ikibazo cy'abigishwa be bamubazaga ibyerekeye ikimenyetso cyo kugaruka kwe n'icy'imperuka y'isi, yababwiye bimwe mu bizabaho by'ingenzi mu mateka y'isi no mu mateka y'itorero uhereye igice cyo kuza kwe kwa mbere ukageza igihe cyo kugaruka kwe. Ibimenyetso ni byo ibi: gusenyuka kwa Yerusalemu, igihe cy'umubabaro ukomeye w'itorero utewe no gutotezwa n'abapagani ndetse n'ubupapa, ukwijima kw'izuba n'ukwezi ndetse no kugwa kw'inyenyeli. Nyuma y'ibyo, yavuze ibyo kuza k'ubwami bwe kandi aca umugani w'amatsinda abiri atandukanye y'abagaragu bategereje kuza kwe. Igice cya 25 cy'ubutumwa bwa Matayo gitangiraza aya magambo: "Icyo gihe ubwami bwo mu ijuru buzagereranywa n'abakobwa cumi." Muri aya magambo hagaragazwa itorero ryo mu minsi y'imperuka, rya rindi ryavuzwe mu iherezo ry'igice cya 24. Muri uyu mugani ibizaba ku b'itorero ryo mu minsi iheruka byerekanwe hifashishijwe imfashanyigisho y'ibyabaga mu bukwe bwo mu burasirazuba.

"Icyo gihe ubwami bwo mu ijuru buzagereranywa n'abakobwa cumi, bajyanye amatabaza yabo bajya gusanganira umukwe. Ariko muri abo cumi, abatanu bari abapfu, abandi batanu bari abanyabwenge. Abapfu bajyanye amatabaza yabo, ntibajyana n'amavuta: ariko abanyabwenge bo bajyana amavuta mu mperezo zabo hamwe n'amatabaza yabo. Umukwe atinze bose barahunikira, barasinzira. Ariko nijoro mu gicuku habaho urusaku ngo 'Umukwe araje! nimusohoke mumusanganire."

Ukugaruka kwa Kristo, nk'uko kwavuzwe n'ubutumwa bwa marayika wa mbere, kwagereranyijwe no kuza k'Umukwe. Umurimo mugari w'ivugurura wabayeho bitewe no kwamamaza ubutumwa bwo kugaruka kwa Kristo kwegereje ugereranywa no kwitabira ubukwe kw'abakobwa cumi. Amatsinda abiri y'abantu agaragara muri uwo mugani, nk'uko agaragara muri Matayo 24. Bose bari bafashe amatara yabo, (Bibiliya) kandi bari bayobowe n'umucyo wayo maze bajya gusanganira Umukwe. Ariko mu gihe "abakobwa b'abapfu bafataga amatara yabo, ntibajyanye n'amavuta ku ruhande," "abakobwa b'abanyabwenge bo bajyana andi mavuta ku ruhande n'amatara yabo." Aba bakobwa b'abanyabwenge bari barakiriye ubuntu bw'Imana, imbaraga ya Mwuka Muziranenge yabagiraga bashya kandi ikabamurikira ni yo yatumaga ijambo ry'Imana riba itara rimurikira ibirenge byabo n'umucyo umurika mu nzira bacamo. Kugira ngo basobanukirwe n'ukuri, bari barize Ibyanditswe Byera bafite gutinya (kubaha) Imana, kandi bashakashakanye umwete ubutungane bw'umutima n'ubugingo. Bari bafite ibyababayeho buri muntu ku giti cye byihariye. Bari bizeye Imana n'ijambo ryayo bitashoboraga gusenywa n'uko batabonye icyo bari biteze ndetse no gutinda kwacyo. Abandi, "bafashe amatara yabo, ntibajyana amavuta ku ruhande." Bari bagiye batabanje gutekereza. Ubutumwa bukomeye bumvise bwari bwarakanguye ubwoba bwabo, ariko bari barishingikirije ku kwizera kwa bagenzi babo, banyurwa gusa n'umucyo udafite ishingiro waturukaga ku marangamutima meza yari abarimo badasobanukiwe ukuri

neza cyangwa ngo bamenye iby'umurimo nyakuri w'ubuntu ukorerwa mu mitima. Abo bari baragiye gusanganira Umukiza bafite ibyiringiro byo kubona ingororano uwo mwanya, nyamara ntibari biteguye kwihanganira gutinda cyangwa kutabona ibyo biteze. Nuko igihe ibigeragezo byazaga, ukwizera kwabo kwaracogoye kandi umucyo wari ubarimo urakendera.

"Umukwe atinze bose barahunikira, barasinzira." Uko gutinda k'Umukwe kugereranya kurangira kw'igihe Umukiza yari ategerejwemo, gucika intege, ndetse n'ibyo bisa no gutinda. Muri icyo gihe cy'amajune, ugukanguka kw'abafite ukwizera kw'amajyejuru kandi badashikamye kwatangiye kuyoyoka, kandi umuhati wabo utangira kudohoka. Nyamara abari bafite ukwizera gushingiye ku kuba bari bazi Bibiliya buri wese ku giti cye, bari bafite urutare bahagazeho rutashoboraga guhirikwa n'imiraba yo kutabona ibyo bari biteze. "Bose barahunikira, barasinzira." Itsinda rimwe ntacyo ryari ryitayeho kandi ryari ryaretse ukwizera kwaryo. Irindi tsinda ryari ritegereje ryihanganye kugeza igihe umucyo uruseho wagombaga gutangirwa. Nyamara mu ijoro ry'ibigeragezo, aba bari bategereje bihanganye basaga n'abatakaje umwete wabo no kwitanga kwabo ku rugero runaka. Abari bafite kwizera kudashikamye kandi bafite umutima ufata impu zombi, ntibashoboraga kwishingikiriza ku kwizera kwa bagenzi babo. Buri wese yagombaga guhagarara agashikama ku giti cye cyangwa akagwa ku giti cye.

Muri icyo gihe, gukabya mu kwizera kwatangiye kugaragara. Abantu bamwe bari baragaragaweho kuba abizera b'abanyabwuzu mu kwakira ubutumwa, batangiye kureka ijambo ry'Imana kandi ari ryo muyobozi utibeshya. Bavugaga ko bayobowe na Mwuka, maze birundurira mu kuyoborwa n'amarangamutima yabo n'ibitekerezo byabo. Hari bamwe bagaragazaga umwete ushingiye ku buhumyi no gukabya mu kwizera, bakamagana abantu bose batemeraga amatwara yabo. Ibitekerezo byabo n'imikorere yabo by'ubwaka ntabwo byakunzwe n'umugabane munini w'Abadiventisiti; nyamara bakomezaga gukora baharabika umurimo w'ukuri.

Akoresheje ubu buryo, Satani yashakaga kurwanya no kurimbura umurimo w'Imana. Abantu bari barakanguwe bikomeye cyane n'ubutumwa bw'Abadiventisiti. Abanyabyaha ibihumbi byinshi bari barahindutse, kandi abantu b'indahemuka bitangiraga umurimo wo kwamamaza ukuri ndetse no muri cya gihe cyo gutinda. Umwami w'ibibi yakomezaga gutakaza abantu be; kandi kugira ngo akoze isoni umurimo w'Imana, yashatse uko yashuka abavuga ko bafite ukwizera no kubatera kuba abahezanguni. Bityo abamukorera bari biteguye kuririra ku ikosa ryose, gutsindwa kose ndetse n'igikorwa cyose kidatunganye maze bakabishyira imbere ya rubanda babikuririje kugira ngo bangishe abantu Abadiventisiti ndetse no kwizera kwabo. Bityo, uko yashoboraga kugira umubare munini w'abantu atera kwizera ubutumwa bwo kugaruka kwa Kristo kandi mu mitima yabo bagengwa n'imbaraga ye, ni ko yari kubyungukiramo cyane atera abantu kubahanga amaso nk'abahagarariye abizera bose.

Satani ni we "murezi wa benedata," kandi umwuka we ni wo utera abantu kujora amakosa n'inenge by'abantu b'Imana no kubashyira ku karubanda nyamara ibyiza bakora ntibyigere byitabwaho. Igihe Imana iri ku murimo wo gukiza abantu, Satani na we ahora akora ubudatuza. Iyo abana b'Imana baje imbere y'Uwiteka, Satani na we aza hagati yabo. Mu bubyutse bwose bubaho, Satani aba yiteguye kuzanamo

abantu batejejwe mu mitima ndetse na ba nyamujya irya n'ino. Igihe bene abo bemeye ingingo zimwe z'ukuri maze bakabarwa mu bizera, Satani arabakoresha kugira ngo yinjize inyigisho ziyobya abatari maso. Nta muntu n'umwe uhamywa ko ari Umukristo nyakuri bitewe n'uko aboneka ko abarizwa mu itsinda ry'abana b'Imana, ndetse n'iyo yaba aboneka mu rusengero kandi akaza ku meza y'Umwami. Satani akunze kuhaba kenshi mu bihe by'imihango y'ingenzi yihindurije mu ishusho y'abantu runaka ashobora gukoresha nk'abakozi be.

Satani arwanya n'agatambwe gato cyane ubwoko bw'Imana butera mu rugendo rwabwo bugana mu murwa wo mu ijuru. Mu mateka yose yaranze itorero, nta vugurura ryigeze rikorwa ngo ribure gusakirana n'imbogamizi zikomeye. Mu gihe cya Pawulo niko byagenze. Aho yashingaga itorero hose, habagaho abantu bavuga ko bizera nyamara bakinjiza ubuyobe mu itorero ku buryo iyo bwakirwa, bwari gukuraho urukundo abantu bakundaga ukuri nta kabuza. Luteri nawe yahuye no guhangayika gukomeye ndetse n'umubabaro biturutse ku mukorere y'abari bafite gukabya mu kwizera. Bavugaga ko Imana yavuganye nabo mu buryo butaziguye, kandi kubw'izo mpamvu bakazana ibitekerezo byabo n'imyumvire yabo maze bakabiha agaciro kuruta ibyo Ibyanditswe Byera bihamya. Abantu benshi bari babuze kwizera no kumaramaza nyamara bakagira umwuka wo kumva bihagije, kandi bagakunda kumva no kuvuga ibintu bishya, baguye mu gishuko cy'abo bigisha bashya maze bifatanya n'abakorera Satani mu murimo wabo wo gusenya ibyo Imana yari yaratumye Luteri kubaka. N'abayoboke ba Wesley na bo ndetse n'abandi bahesheje isi umugisha kubw'imirimo yabo no kwizera kwabo, kuri buri ntambwe yose bagiye bahura n'imitego ya Satani batezwe n'abantu b'abaka, badafite intekerezo zihamye ndetse n'abatejejwe bishoye mu bwaka bw'uburyo bwose.

William Miller nta mpuhwe yagiriraga iyo mikorere yaganishaga ku bwaka. Kimwe na Luteri yavuze ko umwuka wose ugomba gusuzumwa n'ijambo ry'Imana. Miller yaravuze ati: "Muri iyi minsi yacu Umwanzi Satani afite ubutware bukomeye ku ntekerezo z'abantu bamwe. None se twamenya dute umwuka ubakoresha uwo ari wo? Bibiliya irasubiza iti, "Muzabamenyera ku mbuto zabo." . . . Hariho imyuka myinshi yadutse ku isi; kandi dusabwa kugenzura imyuka. Umwuka wose utadutera kubaho twirinda, dukiranuka kandi twubaha Imana muri iyi isi ya none, ntabwo uwo ari Mwuka wa Kristo. Nemera rwose ndashikinya ko Satani akorera byinshi mu buryo budasanzwe muri ayo matsinda y'inzaduka. . . Abantu benshi muri twe bibwira ko ari abantu bejejwe, bakurikiza imigenzo y'abantu, kandi uko bigaragara ntabwo bazi ukuri nk'uko abatejejwe na bo bameze."[524] "Umwuka w'ubuyobe uzadukura mu kuri; ariko Mwuka w'Imana uzatuyobora ku kuri. Ariko wagira uti, 'umuntu ashobora kuba ari mu buyobe nyamara akibwira ko ari mu kuri.' None se ibyo ni ibiki? Twasubiza yuko Mwuka w'Imana n'ijambo ryayo bitavuguruzanya. Niba umuntu yigenzuje ijambo ry'Imana, maze akabona ari mahwi rwose ahuje n'ijambo ry'Imana ryose, ubwo ni bwo yakwizera ko afite ukuri. Ariko nabona ko umwuka umuyobora udahuje n'amategeko y'Imana cyangwa Bibiliya, agendane ubushishozi, nibitaba bityo azafatwa n'umutego w'umwanzi Satani."[525] "Nagiye mbona kenshi

524 Bliss., pp.236,237.
525 The Advent Herald and Signs of Times Reporter, vol.8, No.23 (Jan. 15, 1845).

ibihamya biruseho by'ubutungane bwo mu mutima mbibwiwe no mu maso h'umuntu ndetse n'imvugo iziga kuruta kubibwirwa n'urusaku rw'abakristo bamwe."[526]

Mu gihe cy'ubugorozi abanzi babwo bageretse ibibi byose byaterwaga n'ubwaka ku bantu bakoraga bashishikariye kuburwanya. Ibintu nk'ibyo kandi byakozwe n'abarwanyaga itsinda ry'Abadiventisiti. Ubwo bari badashimishijwe no kwiyerekana mu buryo butari bwo ndetse no gukabya amakosa y'abahezanguni n'abaka, bagerageje gukwirakwiza amakuru atari ay'ukuri atari afite n'agasanira na gato k'ukuri. Abo bantu bakoreshwaga n'urwikekwe n'urwango. Amahoro yari yahungabanyijwe no kwamamaza ubutumwa bw'uko Kristo ari hafi kugaruka. Bari bahangayikishijwe n'uko byaba ari ukuri, nyamara bakiringira ko atari byo, kandi iryo ni ryo ryari ibanga ry'urugamba bariho barwanya Abadiventisiti no kwizera kwabo.

Kuba abantu bake b'abaka bari barinjiye mu murongo w'Abadiventisiti, ibyo ntibyari impamvu yo gufatiraho umwanzuro uvuga ko iryo tsinda ridakomoka ku Mana nk'uko kubaho kw'abaka n'abashukanyi mu itorero ryo mu gihe cya Pawulo cyangwa icya Luteri, bitaba impamvu ihagije yo guciraho iteka umurimo bakoraga. Nimureke ubwoko bw'Imana bukanguke buve mu bitotsi maze butangire umurimo wo kwihana n'uw'ubugorozi bwivuye inyuma. Nimutyo bucukumbure Ibyanditswe Byera kugira ngo bumenye ukuri nk'uko kuri muri Yesu; nimutyo bwiyegurire Imana butizigamye, kandi ntihazabura ikimenyetso kigaragaza ko Satani akorana imbaraga kandi ari maso. Azerekana ububasha bwe akoresheje ubushukanyi bushoboka bwose, yifashishe abamarayika bose bacumuye bo mu ngoma ye.

Ntabwo kwamamaza ubutumwa bwo kugaruka kwa Kristo ari byo byateje ubwaka n'amacakubiri. Ibyo byatangiye kugaragara mu mpeshyi yo mu mwaka wa 1844, ubwo Abadiventisiti bari mu gihe cyo gushidikanya n'amajune kubw'ingorane zigaragara barimo. Kubwiriza ubutumwa bwa marayika wa mbere n'ubw'"urusaku rwa mu gicuku", byerekezaga mu buryo butaziguye ku gukuraho ubwaka (gukabya mu myizerere) n'amacakubiri. Abagize uruhare muri ibyo bikorwa bikomeye barumvikanaga bagahuza; imitima yabo yari yuzuwemo urukundo bakundana ubwabo kandi bagakunda na Yesu bari biteguye kubona bidatinze. Ukwizera kumwe n'ibyiringiro by'umugisha bimwe bari bafite, byarabazamuraga bikabashyira hejuru y'ubushobozi ubwo ari bwo bwose bw'abantu kandi bibabera ingabo ibakingira ibitero bya Satani.

"Umukwe atinze bose barahunikira, barasinzira. Ariko nijoro mu gicuku habaho urusaku ngo, 'Umukwe araje! Nimusohoke mumusanganire!' Maze ba bakobwa bose barahaguruka baboneza amatabaza yabo."[527] Ku mpeshyi y'umwaka wa 1844, hagati muri icyo gihe byari byaratekerejwe mbere ko iminsi 2300 yagombaga kurangira, no ku muhindo w'uwo mwaka, aho baje gusanga ko ya myaka igera, ubutumwa bwavuzwe mu magambo y'Ibyanditswe Byera ngo, "Dore, Umukwe araje!"

Icyateye abantu kugira iyi myumvire ni uko bavumbuye ko itegeko ry'umwami Artaxerxes ryo gusana Yerusalemu (itegeko ryabaye intangiriro y'igihe cy'iminsi

526 Bliss, p.282.
527 Matayo 25:5-7

2300) ryashyizwe mu bikorwa mu muhindo w'umwaka wa 457 mbere ya Kristo aho kuba mu itangira ry'uwo mwaka nk'uko bamwe bari barabyizeye mbere. Iminsi 2300 yabazwe bahereye ku muhindo w'umwaka wa 457 kandi irangira mu muhindo w'umwaka wa 1844.

Ingingo zimwe zavuye mu Isezerano rya Kera nazo zerekanye ko mu gihe cy'umuhindo ari bwo igikorwa gishushanya "kwezwa kw'ubuturo bwera" cyagombaga kubaho. Ibi byagaragaye neza ubwo abantu bakangukiraga kureba uburyo ibimenyetso byerekanaga kuza kwa Kristo bwa mbere byasohoye.

Gutambwa k'umwana w'intama wa Pasika byari igishushanyo cy'urupfu rwa Kristo. Intumwa Pawulo aravuga ati: "Pasika yacu yatambwe ari we Kristo."[528] Iseri ry'imbuto z'umuganura ryazungurizwaga imbere y'Uwiteka mu gihe cya Pasika, ryashushanyaga umuzuko wa Kristo. Ubwo Pawulo yavugaga iby'umuzuko w'Umukiza ndetse n'uw'abe bose yaravuze ati: "Kuko Kristo ari we muganura, maze hanyuma aba Kristo bakazabona kuzuka ubwo azaza."[529] Nk'uko iseri ry'imbuto ryazunguzwaga ryarabaga ari imbuto zihishije zakurwaga mu murima mbere y'uko basarura, Kristo na we ni umuganura w'uwo musaruro udapfa w'abacunguwe bazateranyirizwa mu kigega cy'Imana ubwo umuzuko dutegereje uzabaho.

Ibyo bimenyetso byarasohoye tutarebeye ku byabayeho gusa ahubwo no ku gihe byabereye. Ku munsi wa cumi na kane w'ukwezi kwa mbere kw'Abayahudi, kuri uwo munsi n'uko kwezi ni ho umwana w'intama wa Pasika yajyaga atambwa kandi bikaba byari bimaze ibinyejana cumi na bitanu. Kuri uwo munsi ubwo Kristo yari amaze gusangira Pasika n'abigishwa be, ni ho yashyizeho umuhango wagombaga kuzajya ubibutsa iby'urupfu rwe, nka "Ntama w'Imana ukuraho ibyaha by'abari mu isi." Mu ijoro ry'uwo munsi kandi ni ho yafashwe n'abagome kugira ngo abambwe kandi yicwe. Kandi nk'uko Umukiza wacu (washushanywaga n'iseri ry'imbuto ryazungurizwaga) yazutse mu bapfuye ku munsi wa gatatu, ni ko aba "umuganura w'abasinziriye,"[530] n'urugero rw'abera bose bagomba kuzazuka bafite "umubiri wo gucishwa bugufi" uzahindurwa, kandi "akawushushanya n'umubiri w'ubwiza bwe."[531]

Ni muri ubwo buryo, ibishushanya kugaruka k'Umukiza bigomba gusohora mu gihe cyerekanwe n'ibimenyetso. Muri gahunda yo mu gihe cya Mose, kwezwa k'ubuturo bwera cyangwa se Umunsi mukuru w'Impongano, byabaga ku munsi wa cumi w'ukwezi kwa karindwi kw'Abayuda (Abalewi 16:29-4), igihe umutambyi mukuru ubwo yabaga amaze guhongerera ibicumuro by'Abisirayeli bose, kandi amaze gukura ibyaha byabo mu buturo bwera, yarasohokaga agaha abantu umugisha. Bityo, abantu bizeraga ko Kristo Umutambyi wacu mukuru uruta abandi azaza kweza isi akoresheje kurimbura icyaha n'abanyabyaha, kandi agaha kudapfa abamutegereje. Umunsi wa cumi w'ukwezi kwa karindwi, ari wo wari umunsi mukuru w'impongano ndetse n'igihe cyo kweza ubuturo bwera, mu mwaka wa 1844 wahuye n'itariki ya 22 Ukwakira, maze ufatwa ko ari wo munsi Umukiza yagombaga kuzaho. Ibyo byari bihuye n'ibihamya byari byaravuzwe byerekanaga

528 1 Abakorinto 5:7
529 1 Abakorinto 15:23
530 1 Abakorinto 15:20
531 Abafilipi 3:21

ko iminsi 2300 yagombaga kurangira mu muhindo maze uwo mwanzuro ugaragara nk'ukuri kudakuka.

Mu mugani wanditswe muri Matayo 25 igihe cyo gutegereza n'icyo guhunikira byakurikiwe no kuza k'Umukwe. Ibyo byari bihuje rwose n'ingingo tumaze kuvuga zivuye mu buhanuzi no mu bishushanyo. Izo mpamvu zateye kwemera gukomeye ko ibyavuzwe ari ukuri, bityo abizera ibihumbi byinshi bafatanyiriza hamwe kumvikanisha "urusaku rwa mu gicuku."

Nk'uko umuraba utewe n'inkubi y'umuyaga umera ni ko kwamamaza ubutumwa bwo kugaruka kwa Kristo kwasakaye mu gihugu cyose. Iyo nkuru yavaga mu mujyi ijya mu wundi, iva mu mudugudu ijya mu wundi ndetse igera no mu turere twa kure mu cyaro, kugeza ubwo abana b'Imana bari bategereje bakanguwe rwose. Ubwaka (gukabya mu myizerere) bwayoyokeye imbere y'uko kwamamazwa k'ubwo butumwa nk'uko ikime cya mugitondo gitamururwa n'izuba rirashe.

Abizera babonye gushidikanya n'inkeke bari bafite biyoyoka maze ibyiringiro n'ubutwari bikangura imitima yabo. Uwo murimo wakorwaga ntiwarangwagamo kwa gukabya gukunze kugaragara igihe habayeho gukanguka gukomeye kw'abantu nyamara batayobowe n'imbaraga y'ijambo ry'Imana na Mwuka wayo. Byasaga na bya bihe byo kwicisha bugufi no kugarukira Uwiteka byabaye kera igihe ubwoko bw'Abisirayeli bwumviraga ubutumwa bwo kubukebura bwagezwagaho n'abagaragu b'Imana. Bwari bufite ibimenyetso biranga umurimo w'Imana mu bihe byose. Nta gutwarwa n'ibyishimo by'indengakamere wabonaga mu bantu ahubwo wababonanaga kwisuzuma mu mitima, kwihana ibyaha no kwitandukanya n'iby'isi. Kwitegura kujya gusanganira Umukiza ni wo mutwaro wari uremereye iyo mitima yari ishengutse. Bakomezaga gusenga bihanganye kandi bakiyegurira Imana batizigamye.

Ubwo Miller yavugaga iby'uwo murimo yaravuze ati: "Ntihakiriho gutwarwa n'ibyishimo; birasa n'aho biteganyirijwe ikindi gihe cy'ahazaza ubwo isi n'ijuru bizishimira hamwe ibyishimo bitavugwa kandi byuzuye ikuzo. Nta jwi na rimwe ririho, ibyo nabyo bitegenirijwe igihe ijwi rizavugira mu ijuru. Abaririmbyi baracecetse, bategereje gufatanya n'ingabo z'abamarayika, n'umutwe w'abaririmbyi bazaturuka mu ijuru. . . Nta guhangana kw'ibitekerezo: abantu bose bahuje umutima n'intekerezo."[532]

Undi muntu nawe wagize uruhare muri iryo tsinda ryamamazaga ubutumwa bwo kugaruka kwa Kristo yarahamije ati: "Ahantu hose ubwo butumwa bwatumye habaho kwicunuza gukomeye mu mitima ndetse no kwicisha bugufi k'ubugingo imbere y'Imana nyirijuru. Bwateye abantu gukura imitima yabo ku by'isi, amakimbirane n'umwiryane birashira, habaho kwihana ibibi, bicisha bugufi imbere y'Imana, kandi habaho gusaba kuzuye kwihana n'umutima umenetse, basaba Imana imbabazi ndetse no kwemerwa. Bwateje kwicisha bugufi no kwiyoroshya k'ubugingo mu buryo tutigeze tubona. Nk'uko Uwiteka yari yarabitegetse abinyujije mu kanwa ka Yoweli, avuga iby'igihe umunsi ukomeye w'Imana uzaba wegereje, iyo nkuru yateye gushishimura imitima atari imyambaro, kandi itera abantu kugarukira Uhoraho biyiriza ubusa, barira kandi baboroga. Nk'uko Imana yabivugiye mu

532 Bliss., pp.270,271.

muhanuzi Zekariya, umwuka w'ubuntu no kwambaza wasutswe ku bana bayo; bitegereza uwo bacumise amacumu, maze igihugu cyose gicura umuborogo, . . . kandi abari bategereje Umukiza bacishiriza bugufi ubugingo bwabo imbere Ye."[533]

Mu bubyutse bwose mu by'idini bwabayeho uhereye mu gihe cy'intumwa, nta na bumwe bwigeze bubaho butarangwamo inenge z'abantu n'ubuhendanyi bwa Satani nk'ubwabaye mu gihe cy'umuhindo w'umwaka wa 1844. Ndetse na n'ubu, nyuma y'imyaka myinshi, abantu bose bagize uruhare muri ubwo bubyutse kandi bashikamye ku kuri baracyumva ko hari imbaraga yera yayoboraga uwo murimo wari uhiriwe kandi bahamya ko wakomokaga ku Mana koko.

Ubwo ijwi ryavugaga ngo, "Dore Umukwe araje, nimusohoke mumusanganire!" abari bategereje "barahagurutse bakongeza amatara yabo." Bigaga ijambo ry'Imana babishishikariye mu buryo butari bwarigeze bubaho. Ijuru ryohereje abamarayika ngo bajye gukangura abari baracitse intege no kubategurira kwakira ubutumwa. Ntabwo umurimo wahagaze mu bwenge n'ubuhanga by'abantu, ahubwo washikamye mu bushobozi bw'Imana. Ntabwo abafite impano z'akataraboneka ari bo babaye aba mbere mu kumva no kumvira ihamagarwa ahubwo ni abacishije bugufi cyane n'abitanze. Abahinzi basize imyaka yabo yari mu mirima, abakanishi barambika hasi ibikoresho byabo bajya kuvuga ubutumwa bw'imbuzi bafite ishavu n'ibyishimo. Abari barigeze kuba aba mbere muri uwo murimo babonetse mu bantu ba nyuma binjiye muri iyi gahunda yo kuvuga uwo muburo. Muri rusange, amatorero yakinze inzugi ntiyakira ubwo butumwa, maze umubare munini w'ababwakiriye witandukanya n'ayo matorero. Mu burinzi bw'Imana uko kwamamazwa k'ubutumwa bw'imbuzi kwafatanyije n'ubutumwa bwa marayika wa kabiri maze biha imbaraga uwo murimo.

Ubutumwa bugira buti, "Dore Umukwe araje," ntibwari bukigirwaho impaka cyane, nubwo igihamya cyatangwaga n'Ibyanditswe cyagaragaraga kandi kidashidikanywaho. Ubwo butumwa bwaherekejwe n'imbaraga ikomeye yakanguraga imitima. Nta gushidikanya cyangwa kubaza byinshi kwariho. Igihe Kristo yinjiraga muri Yerusalemu nk'umuneshi, abantu benshi bari bavuye hirya no hino mu gihugu baje kwizihiza umunsi mukuru, bihutiye kujya ku musozi wa Elayono maze ubwo bifatanyaga n'imbaga y'abantu bari bashagaye Yesu, nabo buzuwe n'ubwuzu bwariho muri iyo saha maze bafatanya n'abandi gutera hejuru bavuga bati: "Hoziyana mwene Dawidi, hahirwa uje mu izina ry'Uwiteka!"[534] Ni muri ubwo buryo, abatizera bagiye baza mu materaniro y'Abadiventisiti – bamwe bazanwe n'amatsiko, abandi bazanwe no kunegura – maze bageraho bagafatwa n'imbaraga yemeza imitima yajyaniranaga n'ubu butumwa ngo, "Dore Umukwe araje!"

Muri icyo gihe, hariho ukwizera kwatumaga amasengesho asubizwa, ukwizera kwari kwishingikirije ku ngororano. Nk'uko ibitonyanga by'imvura bigwa mu butaka bwumye, ni ko Mwuka w'ubuntu yamanukiraga abashakaga Imana babishishikariye. Abari bategereje ko bidatinze bagiye guhagarara imbere y'Umucunguzi wabo barebana amaso ku maso, bumvaga bafite ibyishimo bitavugwa. Uko imigisha yayo

533 Bliss, in Advent Shield and Review, vol.1, p.271 (January, 1845).

534 Matayo 21:9

yasukwaga ku ndahemuka n'abizera, imbaraga yoroshya kandi itsinda ya Mwuka Muziranenge yaturishaga imitima ku rugero runini.

Abari barakiriye ubwo butumwa bategerezanyaga ubwitonzi ukwegereza kw'igihe bari biringiyemo gusanganira Umukiza wabo. Buri gitondo, bumvaga ko inshingano yabo ya mbere ari iyo kumva bagite igihamya cy'uko bemerwa n'Imana. Imitima yabo yari ihurijwe hamwe kandi bagasengera hamwe ndetse bakanasabirana. Inshuro nyinshi bakundaga guteranira ahantu hiherereye kugira ngo basabane n'Imana, kandi amasengesho yabo yazamukaga mu ijuru aturutse aho babaga bateraniye haba mu mirima no mu mashyamba. Kumva ko bemewe n'Umukiza wabo ni byo byari ingenzi kuri bo kuruta gukenera ibyokurya bya buri munsi; kandi iyo intekerezo zabo zazagamo igicu cy'umwijima (urujijo), ntibahwemaga kugeza igihe icyo gicu cyeyukiye. Uko biyumvagamo ubuhamya bw'ubuntu bw'Imana bubababarira, ni ko barushagaho kwifuza kubona Uwo bakundaga cyane.

Nyamara na none bari bagiye guhura no gucika intege bitewe no kubura icyo bari bategereje. Igihe bari bategereje cyarahise maze Umukiza wabo ntiyaza. Bari bategereje kugaruka kwe bafite ibyiringiro bidahungabanywa, none ubu babaye nk'uko byagendekeye Mariya ubwo yageraga ku mva y'Umukiza maze agasanga irimo ubusa, bityo agataka aboroga ati: "Bakuyemo Umwami wanjye sinzi aho bamujyanye."[535]

Ku batizera, ubwoba butewe no gutekereza ko ubutumwa bwavugwaga bwaba ari ubw'ukuri, bwamaze igihe runaka bubabereye inkomyi. Igihe cyavuzwe kimaze guhita, ubwo bwoba ntibwahise bubashiramo. Ku ikubitiro ntibahangaye kwishima hejuru abo bantu bari bari mu mubabaro ukomeye wo kutabona icyo bari bategereje; ariko kubera ko nta kimenyetso babonaga cy'uburakari bw'Imana, bashize bwa bwoba bari bafite maze batangira kunenga no kugira urw'amenyo ba bandi bari mu gahinda. Itsinda rinini ry'abantu bari baravuze ko bizera ibyo kugaruka kwa Kristo bidatinze, baretse ukwizera kwabo. Abantu bamwe bari baragaragaweho ko bafite ibyiringiro cyane, bakozwe n'isoni cyane ku buryo bashatse guhunga bakava mu isi.

Nk'uko Yona yabigenje, bitotombeye Imana maze bahitamo kuba bapfa aho kubaho. Abari barashingiye ukwizera kwabo ku bitekerezo by'abandi aho gushingira ku ijambo ry'Imana, bari biteguye guhindura ibitekerezo byabo nka mbere. Abakobanyi binjije mu murongo wabo abanyantege nke n'ibigwari maze bose bavugira hamwe ko nta kintu cyo gutinywa gihari cyangwa icyo abantu bategereza. Igihe cyari cyarahise, Umukiza ntiyari yaraje nk'uko bari bamwiteze, kandi isi yashoboraga kuguma uko yari iri mu gihe cy'imyaka ibihumbi byinshi.

Abizera bamaramaje kandi b'indahemuka bari barahaze byose kubwa Kristo kandi bari barishimiye kubana nawe kuruta mbere. Nk'uko babyizeraga, bari baraburiye isi ubuheruka; kandi kubwo kwiringira ko bidatinze bagiye kwakirwa mu muryango w'Umutware wabo wo mu ijuru n'abamarayika bo mu ijuru, ku rwego rukomeye, bari baritandukanyije na rubanda rwose rutakiriye ubwo butumwa. Bari baragiye basengana umwete bagira bati: "Ngwino, Mwami Yesu! Ngwino vuba." Nyamara ntiyaje. Noneho rero kongera kwikorera umutwaro uremereye w'ibirushya byo mu buzima n'ibitera kugira umutima uhagaze, ndetse no kwihanganira gukozwa isoni

535 Yohana 20:13

no gukwenwa n'ab'isi; ibyo byari ikigeragezo gikomeye cyo kwizera kwabo no kwihangana.

Nyamara uko gukorwa n'isoni ntikwari gukomeye nk'uko abigishwa bagize igihe cyo kuza bwa Kristo bwa mbere. Ubwo Yesu yinjiraga muri Yerusalemu nk'umuneshi, abayoboke be bibwiye ko agiye kwima ingoma y'ubwami bwa Dawidi maze agakiza Abisirayeli ababakandamizaga. Kubera ibyiringiro bari bafite n'ibyo bari barangamiye binejeje, bakoranaga ishyaka baharanira guhesha ikuzo Umwami wabo. Benshi baramburaga imyambaro yabo mu nzira yanyuragamo, cyangwa bagasasa amashami y'imikindo afite ibibabi byinshi. Muri ibyo byishimo byinshi bari bafite, bafatanyirije hamwe bavuga bati: "Hoziyana mwene Dawidi!" Ubwo Abafarisayo bari babujijwe amahwemo kandi barakajwe n'urwo rusaku rw'ibyishimo, basabye Yesu gucecekesha abigishwa be maze arabasubiza ati: "Ndababwira yuko aba bahoze, amabuye yarangurura."[536] Ubuhanuzi bwagombaga gusohora. Abigishwa basohozaga ubushake bw'Imana; nyamara bari bategereje kugerwaho no gucika intege gukomeye. Ariko hashize iminsi mike gusa, biboneye urupfu ruteye agahinda rw'Umukiza kandi bamubona ahambwa mu mva. Icyo bari bategereje nticyagezweho kandi ibyiringiro byabo nabyo byapfanye na Kristo. Igihe Umwami Yesu yavaga mu mva anesheje urupfu, ni bwo bashoboye gusobanukirwa ko byose byari byaravuzwe n'ubuhanuzi, kandi ko "Kristo akwiriye kubabazwa no kuzuka mu bapfuye." [537]

Mu myaka magana atanu yari ishize, Umukiza yari yaravugiye mu kanwa kw'umuhanuzi Zekariya ati: "Nezerwa cyane wa mukobwa w'i Siyoni we! Rangurura wa mukobwa w'i Yerusalemu we, dore umwami wawe aje aho uri; ni we mukiranutsi, kandi azanye agakiza; yicishije bugufi agendera ku ndogobe, ndetse no ku cyana cyayo."[538] Iyo abigishwa bamenya ko Kristo yari agiye gucirwa urubanza ndetse agapfa, ntibaba barasohoje ubu buhanuzi.

Mu buryo nk'ubwo, Miller na bagenzi be basohoje ubuhanuzi maze bamamaza ubutumwa Imana yari yaravuze ko buzabwirwa abatuye isi, ariko ntibaba barabwamamaje iyo baza kuba barasobanukiwe neza n'ubuhanuzi bwerekanaga gucika intege kwabo, kandi bukagaragaza ubundi butumwa bugomba kubwirizwa amahanga yose mbere yo kugaruka k'Umukiza. Ubutumwa bwa marayika wa mbere n'ubw'uwa kabiri bwavuzwe mu gihe gikwiye kandi bwakoze umurimo Imana yari yaragenye ko buzakora.

Abatuye isi bose bari bahanze amaso Abadiventisiti, biteze ko gahunda n'imikorere yabo yose bizarekwa ubwo igihe cyari kurangira maze Kristo ntiyigere aza. Ariko mu gihe hari abantu benshi baretse ukwizera kwabo, bitewe n'ikigeragezo gikomeye banyuzemo, habayeho n'abandi bahagaraye bashikamye. Imbuto z'itsinda ryavugaga ubutumwa bwo kugaruka kwa Kristo, umwuka wo kwicisha bugufi no kwihana mu mutima, umwuka wo kwitandukanya n'iby'isi no kuvugurura imibereho waranze umurimo, wahamije ko uwo murimo wari uw'Imana. Ntabwo bahangaye guhakana ko imbaraga ya Mwuka Muziranenge yaherekeje ibwirizwa ry'ubutumwa bwo kugaruka kwa Kristo, kandi nta kosa babonaga mu buryo bumvaga ibihe

536 Luka 19:40
537 Ibyakozwe 17:3
538 Zakariya 9:9

by'ubuhanuzi. Ababarwanyaga b'abanyambaraga ntibari barageze ku ntego yabo yo gusenya uburyo basobanuraga ubuhanuzi. Ntibashoboraga kwemera kureka ibyo bizeraga babaga baragezeho binyuze mu kwiga Ibyanditswe babishishikariye kandi basenga, batabonye igihamya cya Bibiliya gitanzwe n'abantu bamurikiwe na Mwuka w'Imana kandi bafite imitima igurumanishwa n'imbaraga nzima ya Mwuka. Ibyo bizeraga byababaga byarashoboye gutsinda ijorwa rikomeye ndetse no kurwanywa bikabije n'abigisha b'ibimenyabose mu by'idini ndetse n'abanyabwenge mu by'isi. Byababaga kandi byaratsinze imbaraga zishyize hamwe z'ubuhanga n'ubutyoza ndetse no gukerenswa no gusuzugurwa n'abanyacyubahiro kimwe n'aboroheje.

Ni iby'ukuri ko hari harabayeho gutsindwa ku byerekeye ibyari byitezwe ko byagombaga kubaho, nyamara n'ibyo ntibyashoboraga guhungabanya kwizera ijambo ry'Imana kwabo. Ubwo Yona yatangazaga ubutumwa mu nzira z'umujyi wa Niniwe ko mu minsi mirongo ine uwo mujyi uzasenywa, Uhoraho yemeye kwicisha bugufi kw'Abanyaniniwe maze abongerera igihe cy'imbabazi. Nyamara ubutumwa Yona yari yigishije bwari bwaturutse ku Mana, kandi Niniwe yagenzuwe mu buryo buhuye rwose n'ubushake bw'Imana. Abadiventisiti bizeye mu buryo nk'ubwo ko Imana yari yabahamagariye kuvuga ubutumwa bw'imbuzi bwerekeye urubanza. Baravuze bati: "Uwo muburo wagenzuye imitima y'abantu bose bawumvise kandi ukangurira abantu gukunda ukuza k'Umukiza naho ku rundi ruhande uwo muburo ubyutsa urwango rutagaragara neza rwo kwanga kugaruka k'Umukiza, nyamara urwo rwango ruzwi n'Imana. Uwo muburo waciye umurongo, . . kugira ngo abari gusuzuma imitima yabo babashe kumenya uruhande bari guhereramo iyo Umukiza Yesu ajya kuba yaraje igihe yari yitezwe. Uwo murongo waberetse niba barajyaga kuvuga n'ijwi rirenga bati: "Dore! Iyi ni yo Mana yacu twategereje, ni yo izadukiza;" cyangwa niba bari gutakira ibitare n'imisozi ngo bibagwire kugira ngo bibahishe amaso y'Iyicaye ku ntebe ndetse n'umujinya w'Umwana w'Intama. Nk'uko tubyizera, Imana yageragеje abana bayo muri ubwo buryo. Yageragеje ukwizera kwabo, irabagenzura kugira ngo irebe ko mu gihe cy'ibigeragezo bashobora gusubira inyuma bakava mu mwanya yashoboragа kubona ko yabashyiramo cyangwa niba bari kuzibukira iyi si kandi bagashingira ibyiringiro byabo mu ijambo ry'Imana."[539]

Imyumvire y'abari bacyizera ko Imana yari yarabayoboye mu byababayeho mu bihe byashize igaragazwa mu magambo William Miller yanditse agira ati: "Iyaba byashobokaga ko nongera gutangira ubuzima nabayeho, mfite ibihamya nk'ibyo nari mfite cya gihe, ni ukuri mbaye indahemuka ku Mana no ku bantu, nagombye gukora nk'uko nakoze." "Ndiringira ko nameshe imyenda yanjye nkaba ntabarwaho amaraso ya bagenzi banjye. Nk'uko byari mu bushobozi bwanjye, ndumva ntabarwaho icyaha cyose mu gucirwaho iteka kwabo." Uwo muntu w'Imana yarongeye arandika ati: "Nubwo incuro ebyiri zose ntabonye ibyo nari ntegereje, ntabwo nigeze ntembagara ngo ncike intege. . . Uko niringiye kugaruka kwa Kristo biracyankomeyemo nka mbere. Nyuma y'imyaka myinshi yo gutekereza nitonze, nakoze gusa ibyo niyumvisemo ko ari inshingano yanjye ikomeye ngomba gukora. Niba naribeshye, nabikoze kubw'urukundo rundimo nkunda bagenzi banjye ndetse no kubera inshingano mfite imbere y'Imana." "Icyo nzi ni kimwe: sinigeze ngira

539 The Advent Herald and Signs of the Times Reporter, vol. 8, No.14 (Nov.13, 1844)

icyo mbwiriza uretse ibyo nizeraga; kandi Imana yabanye nanjye; ububasha bwayo bwigaragarije mu murimo nakoraga kandi ibintu byinshi byiza byarakozwe." "Uko abantu bose babibona, bigaragara ko abantu ibihumbi byinshi bakangukiye kwiga Ibyanditswe babitewe n'ibibwirizwa by'icyo gihe; kandi muri ubwo buryo, kubwo kwizera no kwezwa mu maraso ya Kristo, biyunze n'Imana."[540] "Sinigeze mparanira kuvugwa neza n'abibone, nta nubwo nigeze mpinda umushyitsi imbere y'amakuba ntejwe n'ab'isi. Ubu sinzigera mbasaba kundeba neza, kandi nta n'ubwo nzigera nkora ibirenze ibyo nsabwa kugira nkangure urwango rwabo. Sinzigera mbasaba kurokora ubugingo bwanjye, cyangwa ngo nange kubutanga niba Imana mu kugira neza kwayo yemeye ko ari ko bigenda." [541]

Ntabwo Imana yigeze itererana abayo. Mwuka wayo yakomeje kubana n'abatarihutiye kwanga umucyo bari barakiriye kandi ngo bahakane inyigisho z'itsinda ryabwirizaga ubutumwa bwo kugaruka kwa Kristo. Mu Rwandiko rwandikiwe Abaheburayo hari amagambo yo gutera ubutwari no kuburira abageragejwe kandi bari bategereje muri icyo gihe cy'akaga: "Nuko rero ntimute ubushizi bw'ubwoba bwanyu, bufite ingororano ikomeye. Kuko mukwiriye kwihangana, kugira ngo nimumara gukora ibyo Imana ishaka, muzahabwe ibyasezeranijwe. Haracyasigaye igihe kigufi cyane, kandi uzaza, ntazatinda. Ariko umukiranutsi wanjye azabeshwaho no kwizera. Nyamara nasubira inyuma, umutima wanjye ntuzamwishimira. Ariko twebweho ntidufite gusubira inyuma ngo turimbuke, ahubwo dufite kwizera, kugira ngo tuzakize ubugingo bwacu."[542]

Kuba iyi mpuguro ibwirwa itorero ryo mu minsi y'imperuka bigaragarira mu magambo yerekana ko kugaruka k'Umukiza kwegereje agira ati: "Haracyasigaye igihe kigufi cyane kandi uzaza ntazatinda." Ayo magambo yerekana mu buryo busobanutse ko hashobora kubaho igisa no gutinda kandi ko Umukiza asa n'aho atinze. Amabwirizwa atangwa ahangaha ajyanye by'umwihariko n'ibyabaye ku Badiventisiti muri icyo gihe. Abantu babwirwaga ayo magambo bari mu kaga ko kurohama mu kwizera. Bari barakoze iby'ubushake bw'Imana bakurikije amabwiriza ya Mwuka w'Imana n'ijambo ryayo; nyamara ntibashoboraga gusobanukirwa n'umugambi wayo mu byari byarababayeho, kandi nta nubwo bashoboraga kumenya inzira banyuramo, bityo bagize ikigeragezo cyo gushidikanya ko Imana ari yo yabayoboye koko. Amagambo akurikira yajyanaga by'umwihariko n'icyo gihe: "Ariko umukiranutsi wanjye azabeshwaho no kwizera." Nk'uko umucyo urabagirana w'"urusaku rwa mu gicuku" wari waramurikiye inzira zabo kandi bakaba bari barabonye ubuhanuzi buhishurwa kandi bakaba barabonaga ibimenyetso bisohora byiyungikanya byerekana ko kugaruka kwa Kristo kuri bugufi, nk'uko byagenze bari baragendeye ku byo babonaga. Ariko muri icyo gihe, bamaze gucika intege kubwo ibyiringiro byabo bidasohoye, bashoboraga gushikama gusa kubwo kwizera Imana n'ijambo ryayo. Ababakobaga baravugaga bati: "Mwarashutswe. Nimureke kwizera kwanyu maze muvuge ko ubutumwa bw'Abadiventisiti bukomoka kuri Satani." Nyamara ijambo ry'Imana ryo ryaravuze riti: "Ariko umukiranutsi nasubira inyuma, umutima wanjye ntuzamwishimira." Kureka kwizera

540 Bliss, pp.255, 256, 277, 280, 281.
541 J.White, Life of Wm. Miller, p.315.
542 Abaheburayo 10:35-39

kwabo rero no guhakana imbaraga ya Mwuka Muziranenge yari yaraherekeje ubutumwa, byajyaga kuba gusubira inyuma berekeza mu kuzimira burundu. Kugira ngo bashikame bakomezwaga n'amagambo ya Pawulo aho yavuze ati: "Ntimute ubushizi bw'ubwoba bwanyu;" "mukwiriye kwihangana;" "kuko hasigaye igihe kigufi cyane, kandi uzaza, ntazatinda." Ikintu kimwe rukumbi bagombaga gukora cyari ukugundira umucyo bari barahawe n'Imana, bagashikama ku masezerano yayo kandi bagakomeza kwiga Ibyanditswe Byera, bagategereza guhabwa undi mucyo mushya bihanganye .

IGICE CYA 23

UBUTURO BWERA NI IKI?

Isomo ryo muri Bibiliya ryarushije ayandi yose kuba urufatiro n'inkingi byo kwizera kw'abategereje kugaruka kwa Kristo ni iri rivuga ngo: "Bizageza iminsi ibihumbi bibiri na magana atatu uko bukeye bukira: nyuma ubuturo bwera buzabone kwezwa."[543] Aya magambo yagiye amenywa cyane n'abizera bose ko kuza k'Umwami kwegereje. Abantu ibihumbi byinshi bagiye basubiramo aya magambo y'ubuhanuzi nk'ishingiro ryo kwizera kwabo. Bose bumvaga ko ibyo bategereje bihebuje ndetse n'ibyiringiro byabo byavuzwe muri iri somo byagombaga kubaho. Iyo minsi y'ubuhanuzi yari yagaragajwe ko izarangira mu muhindo w'umwaka wa 1844. Icyo gihe Abadiventisiti kimwe n'abandi Bakristo bo ku isi, bizeraga ko isi cyangwa se igice cyayo runaka ari ubuturo bwera. Bumvaga ko kwezwa k'ubuturo bwera ari ugutunganywa kw'isi itunganyijwe n'umuriro wo ku munsi ukomeye uheruka, kandi ko ibi byagombaga kubaho Kristo agarutse. Aho ni ho bakuye umwanzuro uvuga ko Kristo yagombaga kugaruka ku isi mu mwaka wa 1844.

Nyamara igihe cyari cyavuzwe cyarageze ariko Kristo ntiyaza. Abizera bari bazi yuko ijambo ry'Imana ritabasha guhera ridasohoye. Uko basobanuraga ubuhanuzi kwabayemo kwibeshya; ariko se ikosa ryabo ryari riri he? Benshi bihutiye guhakana ko iminsi 2300 yarangiye mu mwaka wa 1844. Nta mpamvu n'imwe yajyaga gutangwa uretse iyo kuba Kristo ataraje igihe yari ategerejweho. Bajyaga impaka bavuga ko niba iyo minsi y'ubuhanuzi yararangiye mu 1844, Kristo yagombye kuba yaraje kweza ubuturo bwera akoresheje kwejesha isi umuriro; kandi ko kuva ataraje, ubwo rero iyo minsi ntiyashoboraga kuba yararangiye.

Kwemera uwo mwanzuro kwari uguhakana ibyari byarasesenguwe mbere byerekeye ibihe by'ubuhanuzi. Bari barabonye ko iminsi 2300 yatangiriraga igihe itegeko ryo gusana no kubaka Yerusalemu ryashyirwagaho na Artaxerxes (Aritazerusi) rigashyirwa mu bikorwa mu muhindo w'umwaka wa 457 mbere ya Kristo. Hafashwe ko iki ari cyo gihe cy'itangiriro, nta kwihenda kwaba kwarabaye ku byavuzwe byagaragajwe mu busobanuro bw'icyo gihe kivugwa muri Daniyeli

543 Daniyeli 8:14

9:25-27. Ibyumweru mirongo itandatu n'icyenda, ari yo myaka 483 ibanza yo mu myaka 2300, ni byo byagombaga kugera kuri Mesiya, Uwasizwe; kandi umubatizo wa Kristo ndetse no gusigwa na Mwuka Wera, mu mwaka wa 27 N.K,[544] byasohoje rwose ibyari byaravuzwe. Hagati mu cyumweru cya mirongo irindwi, Mesiya yagombaga gukurwaho. Nyuma y'imyaka itatu n'igice amaze kubatizwa, Kristo yarabambwe, hari mu gihe cy'urugaryi rw'umwaka wa 31 N.K. Igihe cyose cy'ibyumweru mirongo irindwi cyangwa imyaka 490 cyari kigenewe Abayuda by'umwihariko. Mu iherezo ry'icyo gihe, ishyanga ry'Abayuda ryahamije ko ryanze Kristo binyuze mu gutoteza abigishwa be, maze mu mwaka wa 34 N.K intumwa zerekeza mu banyamahanga. Bityo imyaka 490 ibanza mu myaka 2300 iba irarangiye, hasigara imyaka 1810. Uhereye mu mwaka wa 34, usanga ya myaka 1810 igenda ikagera mu mwaka wa 1844. Marayika yaravuze ati: "Ubuturo bwera bubone kwezwa." Ibyari byaravuzwe n'ubuhanuzi byose byabanje byagiye bisohora rwose ku gihe byari byaravuzwe ko bizaberaho.

Ufatiye kuri iyo mibare imaze gutangwa, byose byagaragaraga neza kandi bitabusanya, uretse ko nta na kintu na kimwe cyabayeho mu mwaka wa 1844 cyasubizaga ikibazo cyerekeye kwezwa k'ubuturo bwera. Guhakana ko iyo minsi yarangiye icyo gihe byari gutuma ibyerekeye iyo ngingo byose bishyirwa mu rujijo, kandi bikaba guhakana imyizerere yose ishingiye ku gusohozwa k'ubuhanuzi.

Ariko Imana yari yarayoboye ubwoko bwayo mu itsinda rikomeye ryavugaga ubutumwa bwo kugaruka kwa Kristo. Ubushobozi bwayo n'ikuzo ryabyo byari byariyerekanye muri uwo murimo, kandi ntiyari kwemera ko urangirira mu mwijima no gucika intege, kandi ngo unengwe kuba umurimo ushingiye ku kinyoma ndetse no gutwarwa n'ubwaka. Imana ntiyari kureka ngo ijambo ryayo rishidikanyweho.

Nubwo abantu benshi bahakanye imisobanurire yabo ya mbere y'ibihe by'ubuhanuzi kandi bagahakana ukuri kw'itsinda rishingiye kuri ubwo busobanuro, abandi bo ntibifuzaga kureka ingingo zo kwizera ndetse n'ibyabayeho byari bishyigikiwe n'Ibyanditswe Byera n'ubuhamya bwa Mwuka w'Imana. Bizeraga ko bari barakurikije amahame atunganye yerekeye imisobanurire mu buryo bigaga ubuhanuzi, kandi bumvaga ko kugundira ukuri bari baramaze kwakira ndetse no gukomeza inzira biyemeje yo gucukumbura muri Bibiliya ari byo nshingano yabo. Basenganaga umwete, bakongera gusuzuma imyizerere yabo kandi bakiga Ibyanditswe kugira ngo bamenye aho ikosa ryabo riri. Bamaze kubona ko nta kosa bafite mu buryo basesenguraga ibihe by'ubuhanuzi, byabateye kurushaho kwigana ubushishozi ingingo y'ubuturo bwera.

Mu bushakashatsi bwabo, bamenye ko nta gihamya na kimwe kiboneka mu Byanditswe Byera gishyigikira igitekerezo cyabaye gikwira kivuga ko isi ari ubuturo bwera. Ahubwo muri Bibiliya bahasanzemo ubusobanuro bwuzuye bw'ingingo yerekeye ubuturo bwera, imiterere yabwo, aho buri, ndetse n'imirimo ibukorerwamo. Bityo ibihamya by'abanditsi bera bibaha ubusobanuro bwumvikana neza kandi bufatika bituma ibyibazwaga byose bishira. Mu Rwandiko yandikiye Abaheburayo intumwa Pawulo aravuga ati: "Isezerano rya mbere ryo ryari rifite imihango y'ubutambyi, rifite n'Ahera h'iyi si; kuko hariho ihema ribanzirizwamo,

544 Nyuma y'ivuka rya Kristo

ryarimo igitereko cy'amatabaza, n'ameza, n'imitsima iyateretseho imbere y'Imana; rikitwa Ahera. Kandi hirya y'inyegamo y'umwenda wa kabiri ukinze, hariho ihema, hitwa Ahera cyane. Aho harimo icyotero cyacuzwe mu izahabu, n'isanduku y'isezerano yayagirijweho izahabu impande zose, irimo urwabya rw'izahabu rurimo manu, irimo na ya nkoni ya Aroni yapfunditse uburabyo na bya bisate by'amabuye byanditsweho isezerano. Hejuru yayo hariho Abakerubi b'icyubahiro bateye igicucu intebe y'imbabazi."[545]

Ubuturo bwera Pawulo avuga muri iyi mirongo ni ihema ry'ibonaniro ryubatswe na Mose abitegetswe n'Imana ngo ribe ubuturo bw'Isumbabyose ku isi. "Kandi bandemere ubuturo bwera, nture hagati muri bo."[546] Ayo ni yo mabwiriza yari yahawe Mose igihe yari ku musozi ari kumwe n'Imana. Abisirayeli bagendaga mu butayu, kandi ihema ry'ibonaniro ryubatswe muri ubwo buryo kugira ngo bubashe kujya bwimukanwa; nyamara bwari inyubako ifite ubwiza buhebuje. Inkuta zabwo zari zikozwe mu mbaho zihagaze zifatanyishijwe izahabu kandi zishinzwe mu ifeza, mu gihe igisenge cyari gikozwe mu myenda ikomeye cyangwa ibitwikirizo, iby'inyuma bikozwe mu mpu naho iby'imbere mu myenda myiza cyane y'umuhemba iboshywe irimo amashusho y'abakerubi. Uretse imbuga yo hanze mu rugo yari irimo igicaniro cy'ibitambo bitwikwa, ihema ry'ibonaniro ubwaryo ryari rigizwe n'ibyumba bibiri, kimwe cyitwa ahera, ikindi cyitwa ahera cyane. Byabaga bitandukanyijwe n'umwenda mwiza cyane; kandi umwenda nk'uwo ni wo wafungaga umuryango w'urwinjiriro rw'icyumba cya mbere.

Mu cyumba cy'ahera, mu ruhande rwerekeye amajyepfo yacyo, habaga igitereko cy'amatabaza kiriho amatabaza arindwi yamurikiraga ubwo buturo bwera ku mwanywa na nijoro. Ahagana mu majyaruguru y'icyo cyumba habaga ameza y'imitsima yo kumurikwa; kandi imbere y'umwenda watandukanyaga ahera n'ahera cyane habaga igicaniro cy'imibavu gikozwe mu izahabu cyaturukagaho umwotsi w'impumuro nziza, uvanze n'amasengesho y'Abisirayeli, wazamukaga buri munsi imbere y'Imana.

Ahera cyane habaga isanduku y'isezerano, yari ikozwe mu giti cy'agaciro kenshi, isizwe izahabu kandi yabaga irimo ibisate bibiri by'amabuye Imana yari yanditseho Amategeko Cumi. Hejuru y'iyo sanduku, hari igipfundikizo, kandi kuri cyo hari intebe y'imbabazi ikoranywe ubuhanga buhanitse, iriho abakerubi babiri, umwe ari ku mpera imwe undi ari ku yindi kandi bose bakozwe mu izahabu ikomeye. Muri iki cyumba ni ho Imana yigaragarizaga mu gicu kirabagirana hagati y'abakerubi.

Igihe Abaheburayo (Abisirayeli) bari bamaze gutura muri Kanani, ihema ry'ibonaniro ryasimbuwe n'urusengero rwubatswe na Salomo. Nubwo rwari inyubako itaravaga aho iri kandi ikaba yari yubatswe ahantu hagari, rwakomeje gukurikiza ingero nk'iza mbere kandi rushyirwamo ibikoresho bihwanye rwose. Muri iyo nyubako ni ho ubuturo bwera bwabaga, uretse igihe bwasenywaga bukaba umusaka mu gihe cya Daniyeli kugeza igihe rwasenywe burundu n'Abaroma mu mwaka wa 70 N.K.

Ubu ni bwo buturo bwera bwonyine bwabaye ku isi Bibiliya igira icyo ivugaho.

545 Abaheburayo 9:1-5
546 Kuva 25:8

Pawulo yabuvuzeho ko ari ubuturo bwera bwo mu isezerano rya mbere. Ariko se isezerano rishya ryo nta buturo bwera rifite?

Tugarutse mu rwandiko Pawulo yandikiye Abaheburayo, abashakashakaga kumenya ukuri baje kuvumbura ko hariho ubuturo bwera bwa kabiri, cyangwa ubuturo bwera bw'isezerano rishya, buvugwa mu magambo ya Pawulo twamaze kuvuga ngo: "Isezerano rya mbere na ryo ryari rifite imihango y'ubutambyi, rifite n'Ahera h'iyi si." Gukoresha ijambo "naryo" byerekana ko intumwa Pawulo yari yavuze mbere iby'ubwo buturo bwera. Usubiye inyuma ku itangiriro ry'igice cya munani, usoma ngo: "Mu byo tuvuga igikomeye ni iki ngiki: Dufite umutambyi mukuru umeze atyo, wicaye iburyo bw'intebe y'Ikomeye cyane yo mu ijuru, ukorera Ahera ho mu ihema ry'ukuri, iryo abantu batabambye ahubwo ryabambwe n'Umwami Imana."[547]

Muri iyi mirongo haragara ubuturo bwera bw'isezerano rishya. Ubuturo bwera bw'isezerano rya mbere bwubatswe n'umuntu, bwubatswe na Mose; ariko ubu bwo bwubatswe n'Uwiteka ubwe ntabwo ari umuntu. Muri ubwo buturo bwera, ni ho abatambyi bo ku isi bakoreraga umurimo wabo; ariko muri ubu bwo, Kristo ubwe, we Mutambyi wacu Mukuru uruta bose, ni we ukorera iburyo bw'Imana. Ubuturo bwera bumwe bwari buri ku isi , ariko ubundi buri mu ijuru.

Ikindi kandi, ihema ry'ibonaniro ryubatswe na Mose ryari ryakozwe hakurikijwe icyitegererezo cyatanzwe. Uwiteka yahaye Mose amabwiriza ati: "Muzabureme buse n'ibyo ngiye kukwereka byose, icyitegererezo cy'ubuturo n'icy'ibintu byabwo byose." Hongeye gutangwa itegeko ngo: "Ugire umwete wo kubirema, ukurikize icyitegererezo cyabyo werekewe kuri uyu musozi."[548] Kandi Pawulo avuga ko ihema ry'ibonaniro rya mbere "ryashushanyaga iby'icyo gihe, ahatangirwaga amaturo hagatambirwa n'ibitambo;" kandi ko ahera haryo, "hashushanyaga ibintu byo mu ijuru;" ko abatambyi batangaga amaturo bakurikije amategeko yatanzwe, bakoraga uwo murimo ari "igishushanyo n'igicucu cy'ibyo mu ijuru," kandi ko "Kristo atinjiye ahera haremwe n'intoki, hasuraga ha handi h'ukuri, ahubwo yinjiye mu ijuru ubwaho, kugira ngo none ahagarare imbere y'Imana ku bwacu."[549]

Ubuturo bwera bwo mu ijuru, aho Kristo akorera ku bwacu, ni bwo mwimerere w'ubuturo bwera bwubatswe na Mose bwari ishusho y'ubw'umwimerere. Imana yashyize Mwuka wayo ku bubatse ubuturo bwera bwo ku isi. Ubuhanga bwagaragajwe mu kubaka ubwo buturo bwari ukwigaragaza k'ubwenge bw'Imana. Inkuta zabwo zariho izahabu nyinshi, impande zose zarabagiranaga umucyo waturukaga kuri ya matabaza arindwi yo ku gitereko cy'amatabaza gikozwe mu izahabu. Ameza y'imitsima yo kumurikwa n'igicaniro cy'imibavu byarabagiranaga nk'izahabu yatunganijwe. Umwenda ukomeye mwiza cyane wari ukoze igisenge, wari urimo amashusho y'abakerubi aboshywe mu budodo bw'umukara unoze n'ubw'umuhengeri n'ubw'umuhemba; byongereraga ubwiza aho hantu. Hirya y'umwenda ugabanya ahera n'ahera cyane hari Shekina yera, yari ukwigaragaza k'ubwiza bw'Imana, kandi imbere ya Shekina nta muntu wundi washoboraga kuhinjira ngo abeho uretse umutambyi mukuru wenyine.

547 Abaheburyao 8:1, 2
548 Kuva 25:9,40.
549 Abaheburayo 9:8, 9, 23; 8:5; 9:24

Ubwiza butagereranywa bw'ihema ry'ibonaniro ryo ku isi bwerekaga umuntu ubwiza butangaje bw'ubuturo bwera bwo mu ijuru aho Kristo, Umutambyi wacu mukuru adusabira imbere y'intebe y'ubwami y'Imana. Aho Umwami w'abami atuye, aho abantu uduhumbagiza bamukorera kandi abantu inzovu incuro inzovu bamuhagaze imbere."[550] Ubwo buturo bwuzuwemo ubwiza bw'intebe y'ubwami bw'iteka ryose, aho abaserafi ari bo barinzi bayo barabagirana kandi bipfuka mu maso baramya. Aho hantu ntihajyaga kubona ikihagaragaza uretse ishusho nto yerekana ubunini bwaho n'ubwiza bwaho muri ya nyubako nziza yubatswe n'amaboko y'abantu. Nyamara ukuri kw'ingenzi kwerekeye ubuturo bwera bwo mu ijuru ndetse n'umurimo ukomeye uhakorerwa kubwo gucungurwa k'umuntu, byigishwaga n'ubuturo bwera bwo ku isi n'imirimo yabukorerwagamo.

Ahera h'ubuturo bwera bwo mu ijuru hahagarariwe n'ibyumba bibiri byabaga mu buturo bwera bwo ku isi. Ubwo yari mu iyerekwa, intumwa Yohana yahawe kwitegereza ingoro y'Imana mu ijuru, yahabonye "amatabaza arindwi yaka umuriro yamurikiraga imbere y'iyo ntebe."[551] Yabonye umumarayika "afite icyotero cyacuzwe mu izahabu, ahabwa imibavu myinshi, ngo ayongere ku masengesho y'abera bose, ayishyire ku gicaniro cy'izahabu kiri imbere ya ya ntebe."[552] Muri iri yerekwa, umuhanuzi yemerewe kwitegereza icyumba cya mbere cy'ubuturo bwera bwo mu ijuru; maze abonayo "amatabaza arindwi yaka" n'"igicaniro cy'izahabu," byashushanywaga n'igitereko cy'amatabaza gicuzwe mu izahabu n'igicaniro cy'imibavu byo mu buturo bwera bwo ku isi. Na none, "urusengero rw'Imana mu ijuru rwarakinguwe," (Ibyahishuwe 11:19), maze Yohana abona hirya y'umwenda watandukanyaga ibyumba bibiri by'ihema ry'ibonaniro bityo areba ahera cyane. Aho hantu yahabonye "isanduku y'isezerano ry'Imana," yashushanywaga n'isanduku yera yakozwe na Mose kugira ngo ibikwemo amategeko y'Imana.

Bityo, abigagaga iyo ngingo babonye igihamya kidashidikanywaho cy'uko mu ijuru hari ubuturo bwera. Mose yubatse ubuturo bwo ku isi akurikije icyitegererezo yeretswe. Pawulo yigisha ko icyo cyitegererezo cyari cyo buturo nyakuri buri mu ijuru.

Mu buturo bwo mu ijuru, aho Imana iganje, ingoma yayo ishingiye ku butungane n'urubanza. Ahera cyane ni ho hari amategeko yayo, ari yo agaragaza ibitunganye kandi abantu bose bagomba gusuzumishwa. Isanduku ibitswemo ibisate bibiri byanditsweho amategeko ipfundikijwe intebe y'imbabazi (intebe y'ubuntu), imbere yayo ni ho Kristo asabira umunyabyaha kubw'amaraso Ye. Ni muri ubwo buryo hariho ishusho y'ubumwe hagati y'ubutabera n'imbabazi mu nama yo gucungura umuntu. Ubwo bumwe bwashoboraga gutegurwa n'ubwenge bw'Imana yonyine kandi ubushobozi bwa Yo bwonyine ni bwo bwashoboraga kubusohoza. Ni ubumwe bwuzuza ijuru ryose gutangara no kuramya. Abakerubi bo mu buturo bwera ku isi, bari berekeje amaso ku ntebe y'ihongerero bubashye, bashushanyaga uko ingabo zo mu ijuru zitaye ku kwitegereza umurimo wo gucungura umuntu. Aha niho hagaragarira ubwiru bw'imbabazi. Abamarayika bifuza kwitegereza uko Imana

550 Daniyeli 7:10
551 Ibyahishuwe 4:5
552 Ibyahishuwe 8:3

ikiranuka mu kugira intungane umunyabyaha wihanye kandi ikavugurura umubano wayo n'inyokomuntu yacumuye; kandi ko Kristo yashoboraga guca bugufi kugira ngo azahure abantu benshi batabarika abakure mu rwobo rw'irimbukiro maze abambike imyambaro izira ikizinga y'ubutungane bwe kugira ngo abinjize mu muryango w'abamarayika batigeze bacumura, kandi ngo bazabe imbere y'Imana ubuziraherezo.

Umurimo wa Kristo nk'usabira umuntu ku Mana ugaragarira muri bwa buhanuzi bwiza bwa Zekariya bwerekeje kuri wa wundi "witwa Shami." Umuhanuzi Zekariya aravuga ati: "Azubaka urusengero rw'Uwiteka [. . .], azagira icyubahiro, azicara ku ntebe y'ubwami [bwa Se] ategeke; kandi azaba umutambyi ku ntebe ye; bombi bazahuza *inama zizana amahoro*."[553]

"Azubaka urusengero rw'Uwiteka." Kubw'igitambo cye n'umurimo w'ubuhuza, Kristo ni we rufatiro kandi akaba n'umwubatsi w'itorero ry'Imana. Intumwa Pawulo amwita "ibuye rikomeza imfuruka. Muri we inzu yose iteranijwe neza, irakura ngo ibe urusengero rwera mu Mwami Yesu." Aravuga ati: "Muri we namwe murubakanwa, kugira ngo mube inzu yo kubabwamo n'Imana mu mwuka."[554]

"Azahabwa ikuzo." Kristo ni we ukwiriye ikuzo kubwo kuba yaracunguye inyokomuntu yacumuye. Igihe cy'iteka ryose, indirimbo y'abacunguwe izahora ari iyi ngo: "udukunda, kandi watwejeshejeho ibyaha byacu amaraso ye, . . . icyubahiro n'ubutware bibe ibye, iteka ryose."[555]

"Azicara ku ntebe ye y'ubwami aganze; kandi azaba umutambyi ku ngoma ye." Ntabwo ubu yicaye ku ntebe ye y'ubwiza; ingoma y'ubwiza (ikuzo) ntiyari yima. Ubwo umurimo we w'ubuhuza uzaba urangiye, ni ho "Umwami Imana izamuha intebe y'ubwami ya sekuruza Dawidi," kandi ni ubwami "butazashira."[556] Nk'Umutambyi, ubu Kristo yicaranye na Data wa twese ku ntebe Ye y'ubwami."[557] Uri ku ntebe y'ubwami iteka ryose, Uwibeshejeho ni we "wishyizeho intimba zacu, akikorera imibabaro yacu," ni we "wageragejwe mu buryo bwose nkatwe keretse yuko atigeze akora icyaha," kugira ngo "abashe gutabara abageragezwa." "Icyakora nihagira umuntu ukora icyaha, dufite umurengezi kuri Data wa twese, ni we Yesu Kristo ukiranuka."[558] Utuvuganira ni nyiri umubiri washenjaguwe, ugacumitwa, kandi waranzwe n'imibereho izira ikizinga. Nyiri ibiganza byatewemo imisumari, urubavu rwatewemo icumu n'ibirenge byatobowe ni we usabira umuntu wacumuye, uwo gucungurwa kwe kwabonetse hatanzwe ikiguzi kitagerwa nka kiriya.

"Bombi bazahuza Imana zizana amahoro." Urukundo rwa Data wa twese, kimwe n'urw'Umwana, ni isoko y'agakiza k'ikiremwamuntu cyacumuye. Mbere y'uko Yesu atandukana n'abigishwa be yarababwiye ati: "Simbabwira ko nzabasabira kuri Data kuko Data nawe abakunda ubwe."[559] "Kuko muri Kristo ari mo Imana yiyungiye n'abari mu isi."[560] Kandi mu murimo ukorerwa mu buturo bwera bwo mu ijuru,

553 Zakariya 6:13
554 Abefeso 2:20-22
555 Ibyahishuwe 1:5, 6
556 Luka 1:32, 33
557 Ibyahishuwe 3:21
558 Yesaya 53:4; Abaheburayo 4:15; 2:18; 1Yohana 2:1
559 Yohana 16:26, 27
560 2 abakorinto 5:19

"inama zizana amahoro zizahuzwa hagati yabo bombi." "Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga Umwana wayo w'ikinege, kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho."[561]

Ikibazo kibaza ngo: " Ubuturo bwera ni iki?" gisubizwa mu buryo bwumvikana neza mu Byanditswe Byera. Ijambo "Ubuturo bwera," nk'uko rikoreshwa muri Bibiliya, bwa mbere ryerekeje ku ihema ry'ibonaniro ryubatswe na Mose, nk'igishushanyo cy'ibyo mu ijuru. Bwa kabiri, ryerekeje ku "ihema ry'ibonaniro nyakuri" ryo mu ijuru, ari ryo ihema ryo ku isi ryatungaga agatoki cyangwa se ryashushanyaga. Igihe Kristo yapfaga, umurimo wakorerwagamo warahagaze. "Ihema ry'ibonaniro nyakuri" ryo mu ijuru, ni ryo buturo bwera bw'isezerano rishya. Kandi nk'uko ubuhanuzi bwa Daniyeli 8:14 bwasohoye muri ayo mateka, ubuturo bwera buvugaho bugomba kuba ubuturo bwera bw'isezerano rishya. Ku iherezo ry'iminsi 2300, mu mwaka wa 1844, hari hashize imyaka amagana menshi nta buturo bwera buri ku isi. Bityo rero ubuhanuzi buvuga ngo, "Bizageza iminsi ibihumbi bibiri na magana atatu uko bukeye bukira, nyuma ubuturo bwera buzabone kwezwa," nta gushidikanya bwerekeje ku buturo bwera bwo mu ijuru.

Nyamara ikibazo cy'ingenzi cyane kiracyakeneye gusubizwa: Kwezwa k'ubuturo bwera ni iki? Kuba harabagaho umurimo nk'uwo ufitanye isano n'ubuturo bwera bwo ku isi, bivugwa mu Byanditswe mu Isezerano rya Kera. None se mu ijuru hashobora kuba ikintu kigomba kwezwa? Mu Baheburayo 9 higishwamo mu buryo bweruye kwezwa k'ubuturo bwera bwo isi n'ubwo mu ijuru. "[. . .] kuko ukurikije amategeko, ibintu hafi ya byose byezwa n'amaraso, kandi amaraso atavuye, ntihababaho kubabarirwa ibyaha. Nuko rero, byari bikwiye ko ibishushanyo by'ibyo mu ijuru byezwa muri bene ubwo buryo, naho ibyo mu ijuru ubwabyo bikezwa n'ibitambo biruta ibyo,"[562] ari yo maraso y'igiciro cyinshi ya Kristo.

Kwezwa kw'ubuturo haba mu buryo bw'igishushanyo ndetse no buryo nyakuri, bigomba gukorwa n'amaraso. Mu kweza ubuturo mu buryo bw'igishushanyo hakoreshwaga amaraso y'amatungo; naho kwezwa nyakuri bikorwa n'amaraso ya Kristo. Impamvu Pawulo atanga y'uko uku kwezwa kugomba gukorwa hifashishijwe amaraso, ni uko "amaraso atavuye hatabaho kubabarirwa ibyaha." Kubabarirwa ibyaha, cyangwa gukuraho ibyaha, ni umurimo ugomba gukorwa. Ariko se byari gushoboka bite ko icyaha gihuzwa n'ubuturo bwera, haba mu ijuru cyangwa ku isi? Ibi byamenyekana harebwe ku muhango wakorwaga ufite icyo ushushanya; kuko abatambyi bakoraga umurimo w'ubutambyi ku isi, bakoraga "umurimo wari igishushanyo n'igicucu cy'ibyo mu ijuru."[563]

Imirimo y'ubuturo bwera bwo ku isi yari igabanijwemo imigabane ibiri: buri munsi abatambyi bakoreraga ahera, mu gihe rimwe gusa mu mwaka ari ho umutambyi mukuru yakoraga umurimo udasanzwe wo guhongerera akawukorera ahera cyane ku bwo kweza ubuturo bwera. Buri munsi umunyabyaha wihannye yazanaga ituro rye ku irembo ry'ihema ry'ibonaniro, maze akarambika ikiganza cye ku mutwe w'itungo atanze ho ituro, akatura ibyaha, muri ubwo buryo bw'igishushanyo akaba

561 Yohana 3:16
562 Abaheburayo 9:22, 23
563 Abaheburayo 8:5

abyikuyeho bikajya kuri icyo gitambo kizira inenge. Bityo rya tungo ryaricwaga. Intumwa Pawulo iravuga iti, "hatabayeho kumeneka kw'amaraso, ntihabaho kubabarirwa ibyaha." "Kuko ubugingo bw'inyama buba mu maraso."[564] Amategeko y'Imana yishwe yasabaga ubugingo bw'uwayishe. Amaraso yashushanyaga ubugingo bw'umunyabyaha, wabaga yashyize ibyaha bye kuri rya tungo ryasogoswe, yajyanwaga ahera n'umutambyi maze akayaminjagira imbere y'umwenda watandukanyaga ahera n'ahera cyane. Inyuma yawo habaga isanduku y'isezerano irimo amategeko umunyabyaha yabaga yishe. Kubw'uwo muhango, binyuze mu maraso, mu buryo bw'igishushanyo icyaha cyabaga gishyizwe ku buturo bwera. Mu bihe bimwe na bimwe, amaraso ntiyajyanwaga ahera; ariko icyo gihe inyama zo zagombaga kuribwa n'umutambyi nk'uko Mose yategetse bene Aroni agira ati: "Mwabujijwe n'iki kurira ahantu hera cya gitambo cyatambiwe ibyaha, ko ari icyera cyane, mukagiherwa kwishyiraho gukiranirwa kw'iteraniro."[565] Iyo mihango yombi yashushanyaga gukura ibyaha ku munyabyaha wihannye maze bigashyirwa ku buturo.

Uwo ni wo wari umurimo wakorwaga buri munsi umwaka wose ugashira. Muri ubwo buryo ibyaha by'Abisirayeli byashyirwaga ku buturo bwera. Bityo byabaye ngombwa ko habaho umurimo udasanzwe wo kubikura kuri ubwo buturo. Imana yategetse ko habaho guhongererwa kwa buri cyumba cy'ihema ryera. "Nuko ahongerere Ahera, ku bwo guhumana kw'Abisirayeli kwinshi, no kubw'ibicumuro byabo, kubw'ibyaha bakoze byose; uko abe ari ko agenza n'ihema ry'ibonaniro, ribana na bo hagati yo guhumana kwabo kwinshi." Igicaniro na cyo cyagombaga guhongererwa, kugira ngo "gihumanurwe, cyezwe gikurweho guhumana kw'Abisirayeli kwinshi."[566]

Inshuro imwe mu mwaka, ku umunsi ukomeye w'Impongano, umutambyi yinjiraga ahera cyane kugira ngo yeze ubuturo. Umurimo yahakoreraga wasozaga ibyakozwe byose mu mwaka. Ku munsi w'Impongano, ku muryango w'ihema ry'ibonaniro hazanwaga abana b'ihene babiri maze bagakorerwaho ubufindo; "imwe ikaba iy'Uwiteka, naho indi ikaba iyo koherwa."[567] Isekurume y'ihene yafatwaga n'ubufindo ko ari iy'Uwiteka yagombaga kwicwa ikaba igitambo cy'ibyaha by'Abisirayeli. Umutambyi yagombaga kujyana amaraso yayo hirya ya wa mwenda ukingiriza ahera cyane maze akayaminjagira ku ntebe y'imbabazi (intebe y'ihongerero) n'imbere yayo. Amaraso yagombaga kuminjagirwa na none ku cyotero cy'imibavu cyari imbere y'uwo mwenda.

"Aroni arambike ibiganza bye byombi mu ruhanga rw'iyo hene nzima, yaturire hejuru yayo gukiranirwa kw'Abisirayeli kose n'ibicumuro byabo byose; abishyire mu ruhanga rw'iyo hene, ayihe umuntu witeguriye ibyo ngo ayijyane mu butayu. Iyo hene ijye ahatagira abantu, yikoreye gukiranirwa kwabo kose, uwo muntu ayirekurire mu butayu.[568]" Isekurume y'ihene yoherewe mu butayu ntiyagarukaga mu nkambi y'Abisirayeli, kandi umuntu wajyaga kuyohera yagombaga kwiyuhagira, akamesa

564 Abalewi 17:11
565 Abalewi 10:17
566 Abalewi 16, 19
567 Abalewi 16:8, 21, 22
568 Abalewi 16:21,22.

n'imyenda ye mbere yo kugaruka mu nkambi.

Uwo muhango wose wagombaga gusiga Abisirayeli bazirikana ukwera kw'Imana ndetse n'uko yanga icyaha urunuka. Ikindi kandi, waberekaga ko batashoboraga guhura n'icyaha ngo babure kwandura. Buri mwisirayeli wese yasabwaga kubabaza umutima we mu gihe uwo muhango wabaga uri gukorwa. Imirimo yose yagombaga guhagarikwa, kandi iteraniro ryose ry'Abisirayeli ryagombaga kumara umunsi wose ryicishije bugufi cyane imbere y'Imana, basenga, biyirije ubusa kandi bafite kwihana mu mitima kwimbitse.

Umuhango wakorwaga mu buryo bw'igishushanyo wigisha ukuri gukomeye kwerekeye impongano. Hemerwaga inshungu mu cyimbo cy'umunyabyaha; nyamara icyaha nticyabaga gikuweho burundu n'amaraso y'itungo ryicwaga. Bityo rero hari hateganyijwe uburyo bwo gushyira icyaha ku buturo bwera. Kubwo kuvusha amaraso, umunyabyaha yazirikanaga uburemere bw'amategeko, akicuza icyaha cyo kuba yagomeye itegeko, kandi akagaragaza uko yifuza imbabazi binyuze mu kwizera Umucunguzi wagombaga kuzaza. Ariko ntiyabaga yari yakurwaho byuzuye gucirwaho iteka n'amategeko. Ku munsi w'Impongano, umutambyi mukuru, yafataga igitambo cy'iteraniro ryose, akajya ahera cyane ajyanyeyo amaraso y'icyo gitambo maze akaminjagira ayo maraso ku ntebe y'ihongerero yabaga hejuru y'amategeko kugira ngo yuzuze ibyo ayo mategeko asaba. Hanyuma, nk'umuhuza umutambyi, yishyiragaho ibyaha maze akabikura mu buturo bwera. Yashyiraga ibiganza bye ku mutwe w'isekurume y'ihene yo koherwa maze akayitondagurira ibyaha byose byakozwe, bityo muri ubwo buryo bw'igishushanyo akaba abyikuyeho abishyize kuri iyo hene. Bityo, iyo hene yajyanaga ibyo byaha mu butayu maze bigafatwa ko bitandukanyijwe n'ubwoko bw'Abisiryeli by'iteka ryose.

Uwo ni wo murimo wakorwaga "nk'ishusho n'igicucu cy'ibyo mu ijuru." Bityo rero, ibyakorwaga mu buryo bw'igishushanyo mu buturo bwera bwo ku isi, mu by'ukuri ni byo bikorerwa mu buturo bwo mu ijuru. Umukiza amaze kuzamuka mu ijuru yatangiye umurimo we nk'umutambyi wacu mukuru. Pawulo abivuga agira ati: "Kuko Kristo atinjiye ahera haremwe n'intoki, hasuraga ha handi h'ukuri, ahubwo yinjiye mu ijuru ubwaho, kugira ngo none ahagarare imbere y'Imana ku bwacu."[569]

Umurimo umutambyi yakoreraga mu cyumba cya mbere cy'ubuturo bwera mu mwaka wose, "inyuma y'umwenda" wari ukinze urwinjiriro kandi watandukanyaga ahera no hanze mu rugo, uwo murimo ushushanya umurimo wa Kristo yatangiye akimara kuzamuka mu ijuru. Mu byo yakoraga buri munsi, umutambyi yari afite umurimo wo kujyana imbere y'Imana amaraso y'igitambo cy'ibyaha n'umubavu uhumura neza w'ubutungane bwe n'amasengesho y'abizeraga bihannye. Uwo ni wo wari umurimo wakorerwaga mu cyumba cya mbere cy'ubuturo bwo mu ijuru.

Aho ni ho abigishwa ba Kristo berekeje ukwizera kwabo bamukurikije amaso ubwo yazamurwaga mu ijuru atandukanye na bo. Aho ni ho ibyiringiro byabo byari bishingiye, ari byo Pawulo yavuze ati: "Ibyo byiringiro tubifite nk'igitsika umutima, gikomeye kandi gishikamye, cyinjira hirya y'umwenda ukingiriza Ahera cyane, aho Yesu yatwinjiriye atubanjirije, amaze guhinduka Umutambyi mukuru iteka ryose mu buryo bwa Melikisedeki." "Kandi ntiyinjijwe Ahera cyane n'amaraso y'ihene

569 Abaheburayo 9:24

cyangwa n'ay'ibimasa, ahubwo yahinjijwe rimwe n'amaraso ye amaze kutubonera gucungurwa kw'iteka."[570]

Uwo murimo w'ubutambyi wakomeje gukorerwa mu cyumba cya mbere cy'ubuturo bwera bwo mu ijuru mu gihe cy'ibinyejana cumi n'umunani. Amaraso ya Kristo wasabiraga abanyabyaha bihana, yabaheshеje imbabazi no kwemerwa n'Imana, nyamara ibyaha byabo byakomeje kwandikwa mu gitabo cy'urwibutso. Nk'uko mu muhango wo mu buturo bwo ku isi habagaho umuhango wo guhongerera ku iherezo ry'umwaka, ni ko na none mbere y'uko umurimo wa Kristo kubwo gucungura abantu urangira, hariho umurimo wo guhongerera kugira ngo ukure icyaha mu buturo bwera. Uyu ni wo murimo watangiye igihe iminsi 2300 yarangiraga. Icyo gihe, nk'uko byari byaravuzwe n'umuhanuzi Daniyeli, Umutambyi wacu mukuru yinjiye ahera cyane kugira ngo akore umugabane uheruka w'umurimo we ukomeye - ari wo wo kweza ubuturo bwera.

Nk'uko kubwo kwizera kera ibyaha by'abana b'abantu byashyirwaga ku gitambo cy'ibyaha, kandi binyuze mu maraso y'icyo gitambo ibyaha bigashyirwa ku buturo bwera mu buryo bw'igishushanyo, ni ko kubwo kwizera, na none mu isezerano rishya, ibyaha by'abihannye bishyirwa kuri Kristo kandi bikamukurwaho bigashyirwa ku buturo bwera bwo mu ijuru. Kandi nk'uko kwezwa k'ubuturo bwera bwo ku isi byakorwaga binyuze mu kubukuramo ibyaha byabaga byarabwanduje, ni ko kwezwa nyakuri k'ubuturo bwera bwo mu ijuru bigomba gukorwa binyuze mu gukuramo cyangwa gutsembaho burundu ibyaha byanditswemo. Ariko mbere y'uko ibyo bikorwa, hagomba kubaho gusuzumwa kw'ibitabo by'urwibutso kugira ngo kubwo kwihana ibyaha no kwizera Kristo, hemezwe abo impongano ye igirira umumaro cyangwa yungura. Kwezwa k'ubuturo bwera rero kurimo n'igikorwa cyo gusuzuma- ari wo murimo w'urubanza. Uyu murimo ugomba gukorwa mbere yo kugaruka kwa Kristo aje gucungura abantu be; kuko ubwo azaza, azaba azanye ingororano kugira ngo agororere umuntu wese ibikwiye ibyo yakoze.[571]

Bityo, abakurikiraga umucyo w'ijambo ry'ubuhanuzi, babonye ko aho kuza ku isi ku iherezo ry'iminsi 2300 mu mwaka wa 1844, icyo gihe Kristo yinjiye ahera cyane h'ubuturo bwera bwo mu ijuru kugira ngo akore umurimo uheruka wo guhongerera (kweza) uteguriza kugaruka kwe.

Ikindi kandi, babonye ko mu gihe igitambo cy'ibyaha cyerekezaga kuri Kristo nk'igitambo, kandi ko umutambyi mukuru yashushanyaga Kristo nk'umuhuza kandi ko ihene yo koherwa ishushanya Satani, we soko y'icyaha, ari na we amaherezo uzagerekwaho ibyaha byose by'abanyabyaha bihannye by'ukuri. Binyuze mu maraso y'igitambo gikuraho ibyaha, igihe umutambyi mukuru yakuraga ibyaha mu buturo bwera, yabishyiraga kuri ya hene yo koherwa (ihene ya azazeri). Kubw'amaraso ye bwite, igihe Kristo azakura ibyaha by'ubwoko bwe mu buturo bwo mu ijuru ubwo umurimo we uzaba urangiye, azabishyira kuri Satani, ari we mu gihe cy'irangizarubanza ugomba kuzahanwa igihano giheruka. Ihene ya azazeri, yoherwaga ahantu hadatuwe, ntizongere kugaruka mu iteraniro ry'Abisirayeli. Uko ni ko Satani azacibwa burundu mu maso y'Imana n'ubwoko bwayo, kandi azarimburwa burundu mu kurimbuka guheruka kw'icyaha n'abanyabyaha.

570 Abaheburayo 6:19, 20; 9:12
571 Ibyahishuwe 22:12

IGICE CYA 24

AHERA CYANE

Ingingo ivuga iby'ubuturo bwera ni yo yabaye urufuguzo rw'ubwiru bwo gucika intege gukomeye kwabayeho mu mwaka wa 1844. Iyo ngingo yashyize ahagaragara ukuri kuzuye gufitanye isano kandi kutanyuranya kwerekanaga ko ukuboko kw'Imana kwari kwarayoboye itsinda rikomeye ryigishaga ubutumwa bwo kugaruka kwa Kristo. Iyo ngingo kandi yahishuye inshingano y'umurimo wagombaga gukorwa kubera ko yagaragazaga uko ubwoko bw'Imana bumeze muri icyo gihe ndetse n'umurimo wabwo. Nk'uko nyuma ya rya joro ribi ry'umubabaro no kwiheba abigishwa ba Yesu bari "basabwe n'ibyishimo ubwo babonaga Umukiza," ni ko abari bategereje kugaruka kwa Kristo buzuye kwizera bari bishimye. Bari bariringiye kuzamubona aje mu ikuzo aje kugororera abagaragu be. Ubwo ibyiringiro byabo byabaga ubusa, ntibari bakibona Yesu maze igihe bari bahagaze ku gituro cye, bafatanya na Mariya kurira bati: "Bakuyemo Umwami wanjye, sinzi aho bamushyize." Nuko bongeye kumwitegereza ari ahera cyane, we Mutambyi wabo mukuru wuzuye impuhwe wagombaga kuza bidatinze nk'umwami wabo n'umucunguzi. Umucyo waturukaga mu buturo bwera warabamurikiye basobanukirwa ibihe byashize, ibiriho n'ibizaza. Bari bazi ko Imana yabayoboje uburinzi bwayo budakebakeba. Nk'uko byagendekeye abigishwa ba mbere, nubwo bo ubwabo batasobanukiwe neza n'ubutumwa bavugaga, ariko bwari ukuri mu ngingo zose. Ubwo babwamamazaga, basohoje umugambi w'Imana, kandi umurimo wabo ntiwabaye imfabusa ku Mwami. "Bavutse bushya bagira ibyiringiro bizima," kandi bishimye "ibyishimo bitavugwa ndetse buzura ikuzo."

Ubuhanuzi bwa Daniyeli 8:14, buvuga ngo: "Bizageza iminsi ibihumbi bibiri na magana atatu uko bukeye bukira, nyuma ubuturo bwera buzabone kwezwa," n'ubutumwa bwa marayika wa mbere buvuga ngo: "Nimwubahe Imana muyihimbaze, kuko igihe cyo gucira abantu urubanza gisohoye," bwombi bwerekezaga ku murimo Kristo akorera ahera cyane, ku rubanza rw'igenzura, ntabwo bwerekezaga ku kugaruka kwa Kristo aje gucungura ubwoko bwe no kurimbura abanyabyaha. Ntabwo ikosa ryari ryarabaye mu buryo basobanuraga ibihe by'ubuhanuzi, ahubwo ryari ku cyagombaga kubaho ku iherezo ry'iminsi 2300. Bitewe n'iryo kosa, abizera bari barahuye no gucika intege, nyamara ibyari byaravuzwe n'ubuhanuzi byose ndetse n'ibindi byose byari byaravuzwe n'Ibyanditswe, byari byarasohoye. Igihe barizwaga n'uko ibyiringiro byabo bitasohoye, nibwo habayeho icyari cyaravuzwe n'ubutumwa bari barizeye kandi kigomba kubaho mbere y'uko Umukiza aza kugororera abagaragu be.

Kristo yari yaraje, ariko ntiyaje ku isi nk'uko bari babyiteze, ahubwo nk'uko byajyaga bigaragazwa mu buryo bw'ibishushanyo, Kristo yagiye ahera cyane h'ingoro y'Imana mu ijuru. Daniyeli amwerekana nk'uwaje icyo gihe agasanga Umukuru nyir'ibihe byose agira ati: "Hanyuma nkitegereza ibyo neretswe nijoro, mbona haje usa n'umwana w'umuntu, aziye mu bicu byo mu ijuru, aza umujyo umwe, ntiyaje ku isi ahubwo "yasanze wa Mukuru nyir'ibihe byose, bamumugeza

imbere."[572]

Uko kuza kwe kandi kwanavuzwe n'umuhanuzi Malaki ati: "Dore nzatuma integuza yanjye, izambanziriza, intunganyirize inzira; Umwami mushaka azaduka mu rusengero rwe, kandi intumwa y'isezerano mwishimira dore iraje." Ni ko Uwiteka nyiringabo avuga."[573] Kuza k'Umukiza mu rusengero rwe kwarihuse kandi ntikwari kwitezwe n'ubwoko bwe. Ntabwo ubwoko bwe bwari bwiteze kumubona aho. Ahubwo bibwiraga kumubona aje ku isi aje "hagati y'umuriro waka, ngo ahore inzigo abatamenye Imana n'abatumvira ubutumwa bwiza bw'Umwami wacu Yesu."[574]

Nyamara ntabwo abantu bari biteguye gusanganira Umukiza wabo. Hari hakiriho umurimo wo kwitegura wagombaga kubakorerwa. Hagombaga gutangwa umucyo wo kwerekeza intekerezo zabo ku ngoro y'Imana mu ijuru; kandi kubwo kwizera uko bashoboraga gukurikira Umutambyi wabo Mukuru mu mirimo yahakoreraga, bari guhishurirwa inshingano nshya bagomba kuzuza. Hari ubundi butumwa bw'imbuzi bwagombaga kubwirwa itorero.

Umuhanuzi aravuga ati: "Ni nde uzabasha kwihangana ku munsi wo kuza kwe? Kandi ni nde uzahagarara, ubwo azaboneka? Kuko ameze nk'umurimo w'umucuzi, n'isabune y'abameshi. Kandi azicara nk'ucura ifeza akayitunganya akayimaramo inkamba; azatunganya abahungu ba Lewi, abacenshure nk'uko bacenshura izahabu n'ifeza, maze bazature Uwiteka amaturo bakiranutse."[575] Abazaba bakiri ku isi ubwo Kristo azahagarika kuvuganira abanyabyaha mu buturo bwera bwo mu ijuru, bazaba bagomba guhagarara imbere y'Imana yera badafite ubahuza nayo. Amakanzu yabo agomba kuba azira kubaho ikizinga, imico yabo igomba kuba yejejweho icyaha n'amaraso y'Umukiza yasheshwe. Kubw'ubuntu bw'Imana no kubw'umuhati wabo udacogora, bagomba kuba abaneshi mu ntambara barwana n'ikibi. Mu gihe urubanza rugenzura rugikomeza gukorwa mu ijuru, kandi ibyaha by'abanyabyaha bihana bikaba biri gukurwa mu buturo bwera, hagomba gukorwa umurimo udasanzwe wo kwezwa no kuzinukwa icyaha mu bana b'Imana bakiri ku isi. Uyu murimo uvugwa mu buryo busobanutse mu butumwa bwo Byahishuwe 14.

Igihe uwo murimo uzaba urangiye, abayoboke ba Kristo bazaba biteguye kuza kwe. "Maze amaturo y'i Buyuda n'i Yerusalemu azanezeze Uwiteka, nk'uko yamunezezaga mu minsi ya kera, no mu myaka yashize."[576] Bityo rero itorero Umukiza wacu azakira ubwo azaba agarutse rizaba, "rifite ubwiza, ridafite ikizinga cyangwa umunkanyari cyangwa ikindi kintu gisa gityo."[577] Maze iryo torero rizaba "ari ryiza nk'ukwezi, rirabagirana nk'ikizubazuba, riteye ubwoba nk'igitero cy'ingabo zigendana ibendera."[578]

Uretse ukuza k'Umukiza aje mu ngoro ye, umuhanuzi Malaki yanavuze ibyo kugaruka kwe, ubwo azaba aje kurangiza urubanza ati: "Kandi nzabegera nce urubanza; nzabanguka gushinja abarozi n'abasambanyi n'abarahira ibinyoma,

572 Daniyeli 7:13
573 Malaki 3:1
574 2 Abatesalonike 1:8
575 Malaki 3:2, 3
576 Malaki 3:4
577 Abefeso 5:27
578 Indirimbo ya Salomo 6:10

n'abima abakozi ibihembo byabo, bakarenganya abapfakazi n'imfubyi, bakagirira nabi umunyamahanga, kandi ntibanyubahe. Niko Uwiteka Nyiringabo avuga."[579] Yuda nawe yabivuzeho agira ati: "Dore, Uwiteka yazanye n'inzovu nyinshi z'abera, kugira ngo agirire bose ibihura n'amateka baciriweho, no kwemeza abatubaha Imana bose ukuri kw'imirimo yose yo kutubaha Imana bakoze batubaha Imana, n'amagambo yose akomeye abanyabyaha batubaha Imana bayitutse."[580] Uko kuza no kuza k'Umukiza aje mu rusengero rwe, ni ibintu bibiri bitandukanye.

Kuza kwa Kristo nk'Umutambyi wacu Mukuru aje ahera cyane agiye kweza ubuturo bwera, kwavuzwe muri Daniyeli 8:14; kuza k'Umwana w'umuntu aje umujyo umwe asanga wa Mukuru nyir'ibihe byose kuvugwa muri Daniyeli 7:13; ndetse no kwinjira kw'Umukiza mu rusengero rwe nk'uko byavuzwe na Malaki: ibyo byose ni ibivuga ikintu kimwe; kandi ibi na none bishushanywa no kuza k'umukwe aje mu birori by'ubukwe kwavuzwe na Kristo mu mugani w'abakobwa uri muri Matayo 25.

Mu gihe cy'impeshyi n'icy'umuhindo by'umwaka wa 1844, hatanzwe ubutumwa ngo: "Umukwe araje, nimusohoke mumusanganire!" Amatsinda abiri y'abantu agereranywa n'abakobwa b'abanyabwenge n'abakobwa b'abapfu yaragaragaye. Itsinda rimwe ryari ritegerezanyije ibyishimo kugaruka k'Umukiza, kandi abo bari bariteguye kujya kumusanganira badakebakeba. Irindi tsinda ry'abantu bari barakoreshejwe n'ubwoba no kwitabira batabanje gutekereza, bari baranyuzwe n'ukuri ko mu magambo gusa nyamara nta buntu bw'Imana bafite. Mu mugani ubwo umukwe yazaga, "abari biteguye binjiranye na we mu bukwe, urugi rurakingwa." Ukuza k'umukwe kuvugwa hano, kubaho mbere y'ubukwe nyirizina. Ubukwe bushushanya Kristo ahabwa ubwami bwe. Umurwa Wera, Yerusalemu Nshya, ari yo murwa mukuru w'ubwami, yitwa "umugeni, umugore w'Umwana w'Intama." Marayika yabwiye Yohana ati: "Ngwino, nkwereke umugeni, umugore w'Umwana w'Intama." Umuhanuzi aravuga ati: "Anjyana ku musozi munini kandi muremure ndi mu Mwuka, anyereka ururembo rwera Yerusalemu, rumanuka ruva mu ijuru ku Mana."[581] Mu buryo bugaragara, umugeni ashushanya Umurwa Wera kandi abakobwa bagiye gusanganira umukwe bashushanya itorero. Mu Byahishuwe ubwoko bw'Imana buvugwa ko bwatorewe ubukwe bw'Umwana w'Intama.[582] Niba ari abatorewe ubukwe na none ntibashobora gushushanya umugeni. Nk'uko byavuzwe n'umuhanuzi Daniyeli, Kristo azahabwa "ubutware n'icyubahiro n'ubwami," n'Umukuru nyir'ibihe byose. Azahabwa Yerusalemu nshya, umurwa mukuru w'ubwami bwe, "yatunganyijwe nk'uko umugeni arimbishirizwa umugabo we."[583] Ubwo azaba amaze guhabwa ubwami, azagaruka mu ikuzo rye, ari Umwami w'abami, Umutware utwara abatware, aje gucungura abe "bazicarana na Aburahamu na Isaka na Yakobo,"[584] ku meza ye mu bwami bwe (Matayo 8:11; Luka 22:30),

579 Malaki 3:5
580 Yuda 15
581 Ibyahishuwe 21:9, 10
582 Ibyahishuwe 19:9
583 Daniyeli; Ibyahishuwe 21:2
584 Matayo 8:11; Luka 22:30

kugira ngo basangirire mu bukwe bw'Umwana w'Intama.

Mu mpeshyi y'umwaka wa 1844 itangazo ngo: "Dore Umukwe araje," ryateye abantu ibihumbi byinshi kwitega ko Umukiza agiye guhita aza. Igihe cyavuzwe kigeze, Umukwe yaraje, nyamara ntiyaje ku isi nk'uko abantu bari babyiteze, ahubwo yasanze Umukuru nyir'ibihe byose mu ijuru, ajya mu bukwe, kugira ngo ashyikirizwe ubwami bwe. "Nuko abari biteguye binjirana nawe mu bukwe, maze urugi rurakingwa." Ntabwo abantu ubwabo bagombaga kuba mu bukwe, kuko ubwo bukwe bwabereye mu ijuru, kandi bo bakaba bari bakiri ku isi. Abayoboke ba Kristo bagomba "gutegereza shebuja, aho agarukira ava mu bukwe."[585] Ariko bagomba gusobanukirwa n'umurimo we, kandi bakamukurikira kubwo kwizera mu gihe yinjira akajya imbere y'Imana. Ni muri ubwo buryo bivugwa ko binjiranye nawe mu bukwe.

Mu mugani, abakobwa bari bafite amavuta mu macupa yabo ndetse n'amatara yabo, ni bo binjiye mu bukwe. Abari bazi ukuri bakuye mu Byanditswe kandi bakaba bari bafite na Mwuka ndetse n'ubuntu bw'Imana, kandi bari barategereje bihanganye, biga Bibiliya kugira ngo babone umucyo uruseho muri rya joro ryo kugeragezwa kwabo gukomeye, abo ni bo babonye ukuri kwerekeye ubuturo bwera bwo mu ijuru kandi bamenya uko Umukiza yahinduye umurimo we. Bityo kubwo kwizera bakurikiraga Umukiza mu murimo yakoreraga mu buturo bwera bwo mu ijuru. Kandi rero abantu bose bemera uko kuri binyuze mu buhamya bw'Ibyanditswe Byera, kubwo kwizera bagakurikira Kristo aho yinjira imbere y'Imana kugira ngo akore umurimo uheruka w'ubuhuza, kandi ku iherezo ryawo agahabwa ubwami bwe - abo bose bagaragazwa nk'abinjira mu bukwe.

Mu mugani wanditswe muri Matayo 22, iyo shusho y'ubukwe yarakoreshejwe kandi urubanza rw'igenzura rugaragazwa neza ko rubaho mbere y'ubukwe. Mbere y'uko ubukwe butangira, Umwami yinjiye kureba abatumirwa,[586] kugira ngo arebe ko bose bambaye umwambaro w'ubukwe, umwambaro uraga imico idafite ikizinga "yameshwe kandi yejeshejwe amaraso y'Umwana w'Intama."[587] Uwasanzwe atambaye umwambaro w'ubukwe, yajugunwe hanze; ariko abantu bose basanzwe bambaye umwambaro w'ubukwe, bemewe n'Imana kandi baboneka ko bakwiye kugira umugabane mu bwami bwayo no kwicarana nayo ku ntebe yayo y'ubwami. Uwo murimo wo kugenzura imico, wo kwemeza abiteguye ubwami bw'Imana, ni umurimo w'urubanza rw'igenzura, ari wo murimo uruheruka mu buturo bwera bwo mu ijuru.

Igihe umurimo w'igenzura uzaba urangiye, ubwo imanza z'abantu bo mu bihe byose bavuze ko ari abayoboke ba Kristo zizaba zimaze gusuzumwa no gufatirwa umwanzuro, icyo gihe ni bwo igihe cy'imbabazi kizaba kirangiye, kandi urugi rw'imbabazi ruzakingwa. Bityo iyi nteruro ngufi ngo, "abari biteguye binjirana na we mu bukwe, maze urugi rurakingwa," itwerekeza ku mu murimo uheruka w'Umukiza, ku gihe umurimo ukomeye ugendereye agakiza k'umuntu uzaba urangiye.

Mu murimo wakorerwaga mu buturo bwera bwo ku isi, nk'uko twabibonye, wari

585 Luka 12:36
586 Matayo 22:11
587 Ibyahishuwe 7:14

ishusho y'umurimo ukorerwa mu buturo bwo mu ijuru. Igihe umutambyi mukuru yinjiraga ahera cyane ku munsi w'impongano, umurimo wakorerwaga mu cyumba cya mbere (ahera) wabaga uhagaze. Imana yari yarategetse iti: "Ntihakagire umuntu uba mu ihema ry'ibonaniro, Aroni agiye kwinjira Ahera kuhahongerera ibyaha, kugeza aho asohokeye, amaze kwihongerera n'inzu ye n'iteraniro ry'Abisirayeli ryose."[588] Bityo, igihe Kristo yinjiraga ahera cyane agiye gukora umurimo uheruka wo guhongerera, yahagaritse icyo yakoreraga mu cyumba cya mbere. Ariko ubwo umurimo wakorerwaga mu cyumba cya mbere wahagararaga, umurimo wo mu cyumba cya kabiri waratangiye. Mu muhango wari igishushanyo, igihe ku munsi w'impongano umutambyi mukuru yavaga ahera, yinjiraga ahera cyane imbere y'Imana akahajyana amaraso y'igitambo gitambirwa ibyaha mu cyimbo cy'Abisirayeli bose babaga mu by'ukuri bihanye ibyaha byabo. Bityo rero, Kristo yarangije umugabane umwe gusa w'umurimo we nk'umuvugizi wacu, kandi kubw'amaraso ye aracyasabira abanyabyaha imbere ya Se.

Ntabwo mu mwaka wa 1844 Abadiventisiti basobanukiwe neza n'iyi ngingo. Nyuma y'irangira ry'igihe bari biteze ko Umukiza yari kuziraho, bakomeje kwizera ko kuza kwe kwegereje; bari bazi ko bageze mu gihe cy'akaga gakomeye kandi ko umurimo wa Kristo nk'umuhuza w'abantu n'Imana wahagaze. Kuri bo babonaga ko Bibiliya yigisha ko igihe cy'imbabazi cyahawe umuntu cyagombaga kurangira mbere gato yo kuza k'Umukiza atungutse mu bicu. Ibyo byasaga n'ukuri ukurikije ibyanditswe bivuga iby'igihe abantu bazashakashaka, bagakomanga kandi bakaririra ku rugi rw'imbabazi, ariko ntibakingurirwe. Na none kandi bibazaga niba umunsi bari barategerejeho kugaruka kwa Kristo waba ahubwo utarabaye itangiriro ry'icyo gihe cyagombaga kubanziriza kugaruka kwe. Ubwo bari bamaze kuvuga ubutumwa bw'imbuzi bwerekeye urubanza rwegereje, bibwiraga ko barangije umurimo bagomba gukorera abatuye isi, maze ntibaba bacyiyumvamo inshingano bafite yo kugira ikindi bakora kubw'agakiza k'abanyabyaha. Icyo gihe kandi amagambo y'ubwibone no gukerensa yasohokaga mu kanwa k'abatubaha Imana yababereye nk'ikindi gihamya cy'uko Umwuka w'Imana yakuwe mu bantu banze kwakira imbabazi zayo. Ibyo byose byababahaga gushikama mu kwizera ko igihe cy'imbabazi cyarangiye, cyangwa se, nk'uko babivugaga icyo gihe, "urugi rw'imbabazi rwari rwafunzwe."

Ariko umucyo uruseho waje kumurika kubwo gusesengura ikibazo cyerekeye ubuturo bwera. Noneho baje kubona ko bari bafite ukuri mu myizerere yabo y'uko iherezo ry'iminsi 2300 (mu mwaka wa 1844) ryaranze akaga gakomeye. Nyamara nubwo byari ukuri yuko umuryango w'ibyiringiro n'ubuntu abantu bari bamaze imyaka igihumbi na magana inane banyuramo ngo begere ku Mana wari ukinzwe, urundi rugi rwarakinguwe kandi imbabazi z'ibyaha zahabwaga abanyabyaha binyuze mu murimo Kristo akorera ahera cyane. Umugabane umwe w'umurimo we wari umaze kurangira, kugira ngo ukurikirwe n'undi. Hari hakiriho "urugi rukinguye" ryekereza mu buturo bwo mu ijuru aho Kristo yakoreraga umurimo we kubw'umunyabyaha.

Noneho habonetse ubusobanuro bw'amagambo ari mu Byahishuwe, ayo Kristo

588 Abalewi 16:17

yabwiye itorero muri icyo gihe avuga ati: “Uwera kandi w’ukuri, ufite urufunguzo rwa Dawidi, ukingura ntihagire ukinga, kandi ukinga ntihagire ukingura, aravuga aya magambo ati: ‘Nzi imirimo yawe: Dore nshyize imbere yawe urugi rukinguye kandi ntawe ubasha kurukinga.[589]

Kubwo kwizera, abakurikira Yesu mu murimo we w’ingenzi wo guhongerera, ni bo gusa babona inyungu z'umurimo w'Ubuhuza Kristo akora ku bwabo, mu gihe abanga umucyo ugaragaza uyu murimo bo batagira icyo bunguka. Abayahudi banze kwakira umucyo watanzwe ubwo Kristo yazaga ubwa mbere, kandi bakanga kumwizera we Mukiza w’abantu, ntibashoboraga guhabwa imbabazi ku bwe. Igihe Yesu ubwo yazamukaga mu ijuru, akinjira mu buturo bwo mu ijuru kubwo amaraso ye kugira ngo asesekaze ku bigishwa be imigisha iva ku murimo we w'ubuhuza, Abayahudi bakomeje kuba mu mwijima w’icuraburindi, bakomeza gutamba ibitambo byabo no gutanga amaturo bitagira umumaro. Umurimo w’ubutambyi wagiraga ibyo ushushanya wari wahagaze. Rwa rugi abantu bari basanzwe banyuramo ngo bagere ku Mana rwari rutagikinguye. Abayahudi bari baranze gushaka Imana banyuze mu nzira imwe rukumbi bashoboraga kuyiboneramo binyuze mu murimo wakorerwaga mu buturo bwo mu ijuru. Nicyo cyatumye batigeze basabana n’Imana. Kuri bo, urugi rwari rukinzwe. Ntibari bazi ko Kristo ari we gitambo nyakuri kandi akaba Umuhuza wenyine imbere y’Imana. Kubw'ibyo rero, ntibashoboraga kwakira ibyiza biva kuri uwo murimo w’ubuhuza.

Imibereho y'Abayahudi batizeraga igaragaza neza imibereho y'abatagira icyo bitaho kandi batizera bo mu bavuga ko ari Abakristo, ariko bakinangira ku bushake bwabo badashaka kumenya umurimo w’Umutambyi wacu Mukuru w'umunyambabazi. Mu murimo wo mu buturo bwo ku isi, igihe umutambyi mukuru yinjiraga ahera cyane, Abisirayeli bose basabwaga guteranira ahazengurutse ubwo buturo maze bakicisha bugufi mu mitima imbere y’Imana mu buryo bukomeye kugira ngo bahabwe imbabazi z’ibyaha byabo, no kugira ngo badacibwa mu iteraniro. Mbega ukuntu ari ngenzi, muri iki gihe cy’umunsi nyakuri w'Impongano, ko dukwiriye gusobanukirwa umurimo w'Umutambyi wacu Mukuru kandi tukamenya inshingano dusabwa gukora.

Ntabwo abantu bashobora kwanga umuburo Imana ibohererereza kubw'imbabazi zayo ngo babure guhanwa. Mu gihe cya Nowa, ubutumwa bwaturutse mu ijuru, kandi agakiza k'abantu b'icyo gihe kari gashingiye ku buryo bafashe ubwo butumwa. Kubera ko banze kwemera umuburo, Mwuka w’Imana yakuwe kuri abo bantu babi, maze barimburwa n’umwuzure. Mu gihe cya Aburahamu, imbabazi zahagaritse kwinginga abaturage babi bari batuye i Sodomu maze bose bakongorwa n’umuriro uvuye mu ijuru, uretse Loti n’umugore we n’abakobwa be babiri. No mu gihe cya Kristo niko byagenze. Umwana w’Imana yabwiye Abayahudi batizeraga muri icyo gihe ati: “Dore inzu yanyu muyisigiwe ari umusaka.”[590] Urebye mu minsi iheruka, wa Munyabushobozi butagira iherezo avuga ku bantu “batemeye gukunda ukuri ngo bakizwe” ati: “Ni cyo gituma Imana izabohererereza ubushukanyi bukomeye cyane, ngo bizere ibinyoma, kugira ngo abatizeye iby’ukuri bose, bakishimira gukiranirwa,

589 Ibyahishuwe 3:7, 8
590 Matayo 23:38

bacirweho iteka.”[591] Uko birengagiza inyigisho z’Ijambo ryayo, Imana ibakuraho Mwuka wayo maze ikabarekera mu bushukanyi bikundira.

Nyamara Kristo aracyakorera umuntu umurimo wo kumuhuza n’Imana, kandi umucyo uzahabwa abawushaka. Nubwo ku ikubitiro Abadiventisiti batabashije gusobanukirwa ibyo, byaje gusobanurwa neza ubwo Ibyanditswe byera bibisobanura neza byatangiraga kubihishurira imbere yabo.

Ukurangira kw'igihe cyo mu mwaka wa 1844 kwakurikiwe n'ikindi gihe cy’ikigeragezo gikomeye ku bantu bakomeje kwizera ibyo kugaruka kwa Kristo. Ku byerekeye gushyigikira uruhande rw'ukuri bari barimo, icyabahumurizaga cyonyine cyabaye umucyo waje kwerekeza intekerezo zabo ku buturo bwo mu ijuru. Bamwe baretse uko bari basanzwe bizera iby'imyaka y'ibihe by’ubuhanuzi maze imbaraga ikomeye ya Mwuka Muziranenge yari yarabanye n'itsinda ryamamazaga ubutumwa bwo kugaruka kwa Kristo bayitirira umuntu cyangwa Satani. Irindi tsinda ryakomeje gushikama ryizera rwose ko Uhoraho yari yarabayoboye mu byababayeho mu gihe cyashize; kandi uko bategerezaga ndetse bakaba maso basenga kugira ngo bemenye ubushake bw'Imana, baje kubona ko Umutambyi wabo Mukuru yari yarinjiye mu wundi murimo. Mu kumukurikira kubwo kwizera, baje no gusobanukirwa iby’umurimo uheruka itorero rigomba gukora. Basobanukiwe neza iby’ubutumwa bwa marayika wa mbere n'uwa kabiri, bityo bari biteguye kwakira no kubwira abatuye isi umuburo ukomeye uvugwa mu Byahishuwe 14, watanzwe na marayika wa gatatu.

IGICE CYA 25

AMATEGEKO NTAKUKA Y'IMANA

"Mu ijuru Ingoro y'Imana iherako irakinguka, Isanduku y'Isezerano iyirimo iraboneka."[592] Iyo sanduku y'Isezerano ry'Imana, iri ahera cyane ari ho cyumbwa cya kabiri cy'ubuturo bwera. Imirimo yakorerwaga mu ihema ry'ibonaniro ryo mu isi yari “icyitegererezo n'igicucu cy'ibyo mu ijuru.” Iki cyumba cy’ahera cyane cyakingurwaga gusa ku munsi mukuru w'Impongano wo kweza ubuturo bwera. Kubw'ibyo rero, itangazo rivuga ko ingoro y'Imana yakinguwe mu ijuru maze isanduku y'isezerano ry'Imana igaherako iraboneka, ryerekeza ku gukingurwa kw'ahera cyane ho mu buturo bwera bwo mu ijuru mu mwaka wa 1844, ubwo Yesu yahinjiraga agiye gukora umurimo wo guhuza abantu n'Imana. Kubwo kwizera, abakurikiye Umutambyi wabo mukuru ubwo yatangiraga umurimo we mu cyumba cy'Ahera cyane ho mu ijuru, babonye isanduku y'isezerano rye. Ubwo bigaga ingingo y'ubuturo bwera, baje gusobanukirwa ko Umukiza yahinduye umurimo we, kandi babonye ko noneho ari gukorera imbere y'isanduku y'Imana, yerekana

591 2 Abatesalonike 2:10-12
592 2 Abatesalonike 2:10-12

amaraso ye yaviriye abanyabyaha.

Isanduku yari mu ihema ry'ibonaniro ryo mu isi, yari irimo ibisate 2 by'amabuye byanditsweho amategeko cumi by'Imana. Kuba yarimo amategeko y'Imana byayihaga agaciro gakomeye no kwera. Ubwo ingoro y'Imana yo mu ijuru yakingurwaga, isanduku y'isezerano ryayo yaragaragaye. Mu cyumba cy'ahera cyane cyo mu buturo bwera bwo mu ijuru, ni ho amategeko y'Imana abitswe. Ayo mategeko ni ya yandi yavugiwe n'Imana ubwayo mu rusaku rw'inkuba ku musozi wa Sinayi kandi yandikwa n'urutoke rw'Imana ku bisate by'amabuye.

Amategeko cumi y'Imana yagaragaye mu buturo bwera bwo mu ijuru ni umwimerere w'ayanditswe ku bisate by'amabuye kandi akandukurwa na Mose mu bitabo by'amategeko. Abaje gusobanukirwa neza n'iyo ngingo y'ingenzi, baje kugera aho babona ukwera no kudahinduka kw'amategeko y'Imana. Kuruta uko babibonaga mbere, baje kubona imbaraga z'amagambo ya Yesu aho yavuze ati: "Kandi ndababwira ukuri yuko ijuru n'isi kugeza aho bizashirira, amategeko atazavaho inyuguti imwe cyangwa agace kayo gato, kugeza aho byose bizarangirira."[593] Amategeko y'Imana ahishura ubushake bwayo, akaba inyandiko igaragaza imico yayo, azakomeza kuba iteka “umuhamya utabeshya mu ijuru.” Nta tegeko na rimwe ryakuweho, nta nyuguti cyangwa agace kayo gato kahinduwe. Umwanditsi wa Zaburi aravuga ati: "Uwiteka, iteka ryose ijambo ryawe rihora mu ijuru rihamye." "Amategeko ye yose arahamye. Yakomerejwe guhama iteka ryose."[594]

Hagati mu mategeko cumi, hari itegeko rya kane nk'uko ryari ryavuzwe mbere ngo: "Wibuke kweza umunsi w'Isabato. Mu minsi itandatu ujye ukora, abe ari yo ukoreramo imirimo yawe yose: ariko uwa karindwi ni wo sabato y'Uwiteka Imana yawe. Ntukagire umurimo wose uwukoraho, wowe ubwawe, cyangwa umuhungu wawe cyangwa umukobwa wawe, cyangwa umugaragu wawe, cyangwa umuja wawe, cyangwa itungo ryawe, cyangwa umunyamahanga wawe uri iwanyu: kuko iminsi itandatu ari yo Uwiteka yaremeyemo ijuru n'isi n'inyanja n'ibirimo byose, akaruhukira ku wa karindwi: Ni cyo cyatumye Uwiteka aha umugisha umunsi w'Isabato, akaweza."[595]

Mwuka w'Imana yakoze ku mitima y'abo bigishwa b'ijambo ryayo. Baje kwemera ko bari barishe aya mategeko mu bujiji binyuze mu kwirengagiza umunsi w'ikiruhuko washyizweho n'Umuremyi. Batangira gukora ubushakashatsi ku mpamvu zitera abantu kubahiriza umunsi wa mbere w'icyumweru mu cyimbo cy'uwa karindwi wejejwe n'Imana. Nta gihamya bashoboraga kubona muri Bibiliya kigaragaza ko itegeko rya kane ryakuweho, cyangwa ko Isabato yahinduwe. Umugisha wahawe umunsi wa karindwi mbere hose ntiwigeze ukurwaho. Bari baragiye bihatira kumenya no gukora ibyo Imana ishaka; ariko bamaze kubona ko bo ubwabo bishe itegeko ry'Imana, agahinda kenshi kuzuye imitima yabo, maze berekana ko bayobotse Imana bubahiriza Isabato ya Yo yera.

Hakoreshejwe imbaraga nyinshi kugira ngo ukwizera kwabo gusenywe. Nta muntu n'umwe utarasobanukiwe ko niba ubuturo bwo mu isi bwari igicucu cyangwa

593 Matayo 5 : 18
594 Zaburi 119 : 89 ; 111 : 7, 8
595 Kuva 20 : 8-11

igishushanyo cy'ubwo mu ijuru, amategeko yari mu isanduku y'isezerano ku isi yari kopi y'umwimerere y'amategeko yo mu isanduku y'isezerano yo mu ijuru; kandi ko kwemera ukuri kwerekeye ubuturo bwera bwo mu ijuru bisaba kwemera ibyo amategeko y'Imana avuga ndetse no kubahiriza Isabato ivugwa mu itegeko rya kane. Aha ni ho hari hahishwe ibanga rikomeye ryo kurwanya ugusonurwa kumvikana kw'Ibyanditswe Byera byagaragazaga umurimo wa Kristo mu buturo bwo mu ijuru. Abantu benshi bashatse gukinga urugi Imana yari yarakinguye, kandi bashaka gukingura urugi Imana yakinze. Ariko 'wa wundi ukingura ntihagire ukinga, kandi ukinga ntihagire ukingura' yaravuze ati: "Dore nshize imbere yawe urugi rukinguye, kandi nta muntu ushobora kurukinga."[596] Kristo yakinguye urugi cyangwa yatangiye umurimo mu cyumba cy'ahera cyane. Umucyo warasaga uturutse muri uwo muryango ukinguye w'ubuturo bwera bwo mu ijuru maze itegeko rya kane rigaragazwa ko riri mu mategeko ahabitswe. Icyo Imana yashyizeho nta muntu ushobora kugikuraho.

Abantu bari baremeye umucyo werekeye umurimo wa Kristo w'ubuhuza ndetse no guhoraho iteka kw'amategeko y'Imana, babonye ko ari ko kuri kwavuzwe mu Byahishuwe 14. Ubutumwa buri muri iki gice bugizwe n'imiburo y'uburyo butatu, igomba guteguriza abatuye ku isi umunsi ukomeye wo kugaruka kwa Kristo. Itangazo rivuga ko 'igihe cyo gucira abantu urubanza gisohoye', ryerekeza ku iherezo ry'umurimo Kristo akora kubw'agakiza k'abantu. Riteguriza ukuri kugomba kwamamazwa kugeza igihe umurimo wa Kristo wo kuvuganira abanyabyaha uzarangirira maze akagaruka ku isi kujyana ubwoko bwe aho ari ngo babane. Umurimo wo guca urubanza watangiye mu mwaka wa 1844 ugomba gukomeza kugeza ubwo abantu bose bazafatirwa umwanzuro, baba abazima n'abapfuye. Ni ukuvuga ko uzakomeza gukorwa kugeza ku iherezo ry'igihe cy'imbabazi cyahawe umuntu. Kugira ngo abantu babashe kuba biteguye guhagarara mu rubanza, ubwo butumwa bubategeka 'kubaha Imana no kuyiha ikuzo, bagasenga Iyaremye ijuru n'isi n'inyanja n'amasoko y'amazi.“ Ingaruka yo kwakira ubwo butumwa yavuzwe muri aya magambo: "Aho ni ho kwihanagana kw’abera kuri bakurikiza amategeko y'Imana kandi bakizera Yesu." Kugira ngo abantu babe biteguye umunsi w'urubanza, bakwiriye gukurikiza amategeko y'Imana. Ayo mategeko ni yo azaba urugero ngenderwaho rw'imico mu rubanza. Intumwa Pawulo aravuga ati: "Abakoze ibyaha bose bazi amategeko bazacirwa ho iteka ry'amategeko, . . . ku munsi Imana izacirira abantu ho iteka muri Yesu Kristo ku byahishwe byabo.“ Na none aravuga ati: "[597] Abakurikiza amategeko bazatsindishirizwa.“ Kwizera ni ingenzi mu gukurikiza amategeko y'Imana, kubera ko 'utizera bidashoboka ko ayinezeza.“[598] 'Kandi igikorwa cyose kidakoranywe kwizera kiba ari icyaha.“ [599]

Marayika wa mbere ararikira abantu kubaha Imana, kuyiha ikuzo ndetse no kuyiramya yo Muremyi w'ijuru n'isi. Kugira ngo ibyo babikore, bagomba kumvira Amategeko yayo. Umunyabwenge aravuga ati: "Mwubahe Imana, kandi mukomeze

596 Ibyahishuwe 3:7,8
597 Abaroma 2, 12-16
598 Abaheburayo 12-6
599 Abaroma 14-23

amategeko yayo, kuko ibyo ari byo bikwiriye umuntu wese."[600] Hatabayeho kumvira amategeko, no kuramya ntikwanezeza Imana. 'Kuko gukunda Imana ari uku, ari uko twitondera amategeko yayo.“[601] 'Uwiziba amatwi ngo atumva amategeko, gusenga kwe, na ko ni ikizira.“ [602]

Inshingano yo gusenga Imana ishingiye ku kuba ari yo Muremyi kandi ko ari yo ibindi byaremye byose bikesha kubaho. Kandi muri Bibiliya hose, ahavuga ko igomba kubahwa no kuramywa ikarutishwa ibigirwamana by'abapagani, hanavugwa igihamya cy'imbaraga yayo yo kurema. “Kuko ibigirwamana by'amahanga byose ari ubusa, ariko Uwiteka ni we waremye ijuru."[603] “Nuko rero mwangereranya na nde twahwana? Niko Uwera abaza. Nimwubure amaso yanyu murebe hejuru. Ni nde waremye biriya?“ 'Kuko Uwiteka waremye ijuru ari we Mana; ni we waremye akayibumba, akayikomeza, . . . Ni jye Uwiteka, nta wundi ubaho.“[604] Umwanditsi wa Zaburi na we yaravuze ati: "Mumenye yuko Uwiteka ari we Mana: ni we waturemye natwe turi abe." 'Nimuze tumuramye twunamye, dupfukamire Uwiteka Umuremyi wacu." Ibizima bizira inenge biramya Imana mu ijuru kandi bigatanga impamvu ari Yo bigomba kuramya bivuga biti: 'Mwami wacu, Mana yacu, ukwiriye guhabwa icyubahiro no guhimbazwa n'ubutware koko, kuko ari wowe waremye byose.“ [605]

Mu Byahishuwe 14, abantu bose bararikirwa gusenga Umuremyi, kandi nk'umusaruro wavuye ku butumwa bw'abamarayika batatu, ubuhanuzi butwereka itsinda ry'abantu bakurikiza amategeko y'Imana. Rimwe muri ayo mategeko ryerekana mu buryo butaziguye ko Imana ari Umuremyi. Itegeko rya kane riravuga riti: "Umunsi wa karindwi ni wo sabato y'Uwiteka Imana yawe. . . kuko iminsi itandatu ari yo Uwiteka yaremeyemo ijuru n'isi n'inyanja n'ibirimo byose, akaruhuka ku wa karindwi: ni cyo cyatumye Uwiteka aha umugisha umunsi w'Isabato, akaweza.“[606] Ku byerekeye isabato, ahandi Uwiteka yaravuze ati: 'ni ikimenyetso, . . . kugira ngo mumenye ko ndi Uwiteka Imana yanyu.“[607] Kandi impamvu yatanzwe ni iyi ngo: "Kuko iminsi itandatu ari yo Uwiteka yaremeyemo ijuru n'isi, ku wa karindwi akarorera, akaruhuka.“ [608]

'Akamaro k'Isabato nk'urwibutso rw'irema ni uko ihora yibutsa impamvu nyakuri Imana ari yo igomba gusengwa“ - ni ukubera ko ari yo Muremyi, kandi na twe tukaba ibiremwa byayo. 'Bityo rero, Isabato ni urufatiro rwo kuramya Imana kuko yigisha uku kuri kw'ingenzi mu buryo bukomeye, kandi nta kindi cyashyizweho cyigisha uku kuri. Urufatiro nyakuri rwo gusenga Imana ntirushingiye ku kuramya ku munsi wa karindwi gusa, ahubwo mu kuramya kose, uko kuramya gushingiye ku itandukaniro riri hagati y'Umuremyi n'ibiremwa bye. Uko kuri gukomeye ntigushobora guta agaciro cyangwa ngo kwibagirane na hato.[609] Imana yatangije

600 Umubwiriza 12 :13
601 1 Yohani 5 : 3
602 Imigani 28 : 9
603 Yesaya 40 :25, 26 ; 45 :18
604 Zaburi 100 :3 ; 95. 4
605 Kuva 20 : 10, 11
606 Ezekiyeli 20 :20
607 Kuva 31 : 17
608 Ibyahishuwe 14 :9,10
609 J.N. Andrews, History of the Sabbath, chapter 27.

Isabato muri Edeni ari ukugira ngo uku kuri gukomeze kuba mu bwenge bw'abantu; kandi igihe cyose igihamya cy'uko ari yo Muremyi gikomeje kuba impamvu y'uko dukwiriye kuyiramya, ni ko Isabato izahora ari ikimenyetso n'urwibutso rw'uko Imana ari Umuremyi. Iyo Isabato iza kuba yarubahirijwe n'abantu bo ku isi yose, ibitekerezo by'abantu n'urukundo rwabo biba byarerekejwe ku Muremyi akaba ari we wubahwa kandi agasengwa. Ntabwo haba harabayeho umuntu usenga ibigirwamana, uhakana Imana n'utizera. Kubahiriza Isabato ni ikimenyetso cyo kuyoboka Imana nyakuri, 'Yo yaremye ijuru n'isi n'inyanja n'amasoko y'amazi.“ Igikurikiraho ni uko ubutumwa butegeka abantu kuramya Imana no gukurikiza amategeko yayo, mu buryo bw'umwihariko, buzabahamagarira gukurikiza itegeko rya kane.

Mu buryo butandukanye n'abakurikiza amategeko y'Imana kandi bakizera Yesu, marayika wa gatatu avuga ku rindi tsinda rifite ubuyobe bwatumye rihabwa umuburo ukomeye kandi uteye ubwoba muri aya magambo: "Umuntu naramya ya nyamaswa n'igishushanyo cyayo, agashyirwaho ikimenyetso cyayo mu ruhanga rwe cyangwa ku kiganza, uwo ni we uzanywa ku nzoga ni yo mujinya w'Imana." (Ibyahishuwe 14:9,10). Ubusobanuro nyakuri bw'ibi bimenyetso byakoreshejwe burakenewe cyane kugira ngo ubu butumwa bwumvikane. Inyamaswa isobanura iki ? igishushanyo n'ikimenyetso se byo ni iki ?

Umurongo w’ubuhanuzi ibi bimenyetso bibonekamo uri mu Byahishuwe 12, ahavugwa ikiyoka cyashakaga kurimbura Kristo akivuka. Icyo kiyoka ni Satani (Ibyahishuwe 12 : 9), ni we wahagurukije Herode kugira ngo yice Umukiza. Ariko umukozi mukuru wa Satani mu kurwanya Kristo n'abe wabayeho mu kinyejana cya mbere mu gihe cya Gikristo, ni ingoma y'Abaroma yarangwaga n'idini ya gipagani. Bityo rero, mu gihe ku ikubitiro ikiyoka gihagarariye Satani, mu busobanuro bwa kabiri, icyo kiyoka ni ikimenyetso gihagarariye Roma ya gipagani.

Mu gice cya 13 cy'Ibyahishuwe (umurongo wa 1 – 10) havugwa indi nyamaswa, 'isa n'ingwe,' ikiyoka cyayihaye 'imbaraga zacyo, n'intebe yacyo y'Ubwami, n'ububasha bukomeye." Iki kimenyetso nk'uko Abaporotesitanti benshi babyizera, cyerekana Ubupapa, kuko ari bwo bwasimbuye ingoma ya kera y'Abaroma bugafata ubutware n'intebe n'ububasha byari bifitwe n'ubwo bwami. Inyamaswa isa n'ingwe yavuzweho ibi ngo: "Ihabwa akanwa kavuga ibikomeye, n'ibyo gutuka Imana. . . . Ibumburira akanwa kayo gutuka Imana no gutuka izina ryayo n'ihema ryayo, n'ababa mu ijuru. Ihabwa kurwanya abera no kubanesha, ihabwa no gutwara imiryango yose n'amoko yose n'indimi zose n'amahanga yose." Ubu buhanuzi buri hafi guhwana n'ibyavuzwe ku gahembe gato ko muri Daniel 7, nta gushidikanya bwerekeza ku bupapa.

Iyo nyamaswa yahawe imbaraga ngo imare amezi mirongo ine n'abiri. Ubuhanuzi nawe aravuga ati: "Mbona umwe mu mitwe yayo usa n'ukomeretse uruguma rwica." Arongera akavuga ati: "Nihagira ujyana abandi ho iminyago, na we ubwe azajyanwa ho umunyago: kandi uwicisha abandi inkota, na we akwiriye kwicishwa inkota." Amezi mirongo ine n'abiri ahwanye "n'igihe n'ibihe n'igice cy'igihe,“ imyaka itatu n'igice cyangwa iminsi 1260, yo muri Daniyeli 7, icyo kikaba ari igihe ubupapa bwamaze burenganya abantu b'Imana. Iki gihe nk'uko cyavuzwe mu bice bibanza, cyatangiranye no guhabwa isumbwe k'ubupapa mu mwaka wa 538 N.K kandi

kirangira mu mwaka wa 1798 N.K. Icyo gihe (mu 1798) Papa yafashwe n'ingabo z'Abafaransa zimujyanaho umunyago, maze ubupapa bukomereka uruguma rwica, bityo ibyari byaravuzwe birasohora ngo: "Nihagira ujyana abandi ho iminyago, na we ubwe azajyanwa ho umunyago."

Kuri iyi ngingo hongera kuvugwa ikindi kimenyetso. Umuhanuzi aravuga ati: "Nuko mbona indi nyamaswa izamuka iva mu butaka. Iyo yo yari ifite amahembe abiri nk'ay'umwana w'intama." (Ibyahishuwe 13:11). Uko iyi nyamaswa isa ndetse n'uburyo yadutse byerekana ko ishyanga ishushanya ritandukanye n'andi mahanga yavuzwe mu bimenyetso byabanje. Daniyeli yeretswe ubwami bukomeye bwategetse isi mu bigereranyo by'inyamaswa zo mu ishyamba zaje zikurikiranye ubwo 'imiyaga ine yo mu ijuru yahubukiraga mu nyanja nini."[610] Mu Byahishuwe 17, umumarayika yasobanuye ko "amazi agereranya abantu, amoko menshi, amahanga menshi n'indimi nyinshi."[611] Imiyaga ishushanya intambara. Imiyaga ine yo mu ijuru ihuha mu nyanja nini, yerekana ibintu bibi bikabije byabaye mu ntambara no kwivumbagatanya izo ingoma zakoresheje ngo zigere ku butegetsi.

Ariko inyamaswa ifite amahembe nk'ay'umwana w'intama yo yari 'ivuye mu butaka." Mu cyimbo cyo guhirika izindi ngoma ngo yimike iyayo, iryo shyanga ryagereranyijwe n'inyamaswa ivuye mu butaka ryavutse ahantu hatari hasanzwe hagenzurwa (hatuwe n'abantu) kandi ryakuze buhoro buhoro no mu buryo bw'amahoro. Iyo nyamaswa ntiyakomotse mu bihugu by'amahanga yo mu Isi ya kera, ari byo byagereranyaga n'inyanja yivumbagatanya y'"amoko menshi, amahanga menshi n'indimi nyinshi." Yakomotse ku Mugabane w'Uburengerazuba.

None se ni ikihe gihugu cy'ahiswe Isi Nshya cyakuraga gikomera mu mwaka wa 1798 N.K, kikaba cyaragaragarwagaho ko kizagira ububasha no gukomera ndetse kigakurura intekerezo z'abatuye isi? Gukoresha ibimenyetso nta kibazo kirimo. Ishyanga rimwe, kandi rimwe gusa, ni ryo ryuzuza ibyavuzwe n'ubu buhanuzi. Bwerekeje mu buryo budashidikanywaho kuri Leta Zunze Ubumwe za Amerika. Inshuro nyinshi, igitekerezo ndetse hafi y'amagambo yose yakoreshejwe n'umwanditsi w'inyandiko zera, mu buryo butagambiriwe, byagiye bikoreshwa n'abanditsi b'amateka basobanura ukwaduka no gukura by'iryo shyanga. Inyamaswa yabonetse 'izamuka iva mu butaka' kandi dukurikije abasobanuzi, ijambo ryakoreshejwe ryo "kuzamuka" mu busobanuro butimbitse rivuga "ukumbura, ugupfupfunuka nk'ikimera." Kandi nk'uko twabibonye, iryo shyanga rigomba gukomoka ahantu hatari hasanzwe hatuwe. Umwanditsi w'ikirangirire yasobanuye umwaduko wa Leta Zunze Ubumwe za Amerika maze avuga iby'"amayobera y'umwaduko wayo ivuye ahantu hadatuwe," bityo aravuga ati: "Nk'uko urubuto ruba rwicecekeye ni ko twakuze tuba igihugu cy'igihangange."[612]

Mu mwaka wa 1850, ikinyamakuru cyo mu Burayi cyavuze ko Leta Zunze Ubumwe za Amerika ari ubutegetsi butangaje, 'bwarushagaho gukomera' kandi 'bwongeraga imbaraga zabwo n'ishema ryabwo buri munsi mu gihe isi yose ituje.' Uwitwa Edward Everett, mu ijambo yavuze ku Bagenzi bashinze iki gihugu,

610 Daniyeli 7 : 2

611 Ibyahishuwe 17 : 15

612 G.A. Townsend, The New World Compared to With the Old, p.462.

yaravuze ati: "Mbese bashakaga ahantu hitaruye, ahantu hari amahoro kandi hatuje kubwo kuba hitaruye ahandi, ahantu itorero rito ry'i Leyden ryagombaga kwishimira umudendezo wo gukurikiza ijwi ry'umutimana? Nimwitegereze amadini akomeye bashinzeho amabendera y'umusaraba *mu kuhigarurira mu buryo bw'amahoro!*"[613]

"Kandi yari ifite amahembe abiri nk'ay'umwana w'intama." Amahembe nk'ay'umwana w'intama yerekana ubuto, ubutungane n'ubugwaneza, bigaragaza neza imico ya Leta Zunze Ubumwe za Amerika ubwo yagaragarizwaga umuhanuzi ko "izazamuka mu butaka" mu mwaka wa 1798 N.K. Mu Bakristo b'impunzi bahungiye muri Amerika bwa mbere kandi bashakaga aho bikinga gukandamizwa n'abami no kudacirwa akari urutega n'abapadiri, harimo benshi biyemeje gushinga ubutegetsi ku rufatiro rugari rw'umudendezo mu butegetsi no mu by'idini. Ibitekerezo byabo byagaragarijwe mu Itangazo ry'Ubwigenge, rishyira ahagaragara ukuri gukomeye kuvuga ko "abantu bose baremwe bangana" kandi ririmo uburenganzira ntakuka bwo "kubaho, umudendezo no gushaka icyanezeza umuntu." Kandi Itegeko-nshinga ryemerera abantu bose uburenganzira bwo kwishyira bakizana, rikavuga ko abahagarariye abandi batowe na rubanda bazashyiraho amategeko kandi bagahagaranira ko yubahirizwa. Hatanzwe kandi umudendezo mu myizerere y'iby'idini, umuntu wese ahabwa uburenganzira bwo gusenga Imana akurikije uko umutimanama we ubimutegeka. Amahame y'ubutegetsi bw'abaturage[614] ndetse n'ay'Ubuporotesitanti, yahindutse amahame fatizo y'icyo gihugu. Ayo mahame ni yo banga ry'imbaraga no kugubwa neza by'icyo gihugu. Abari barakandamijwe kandi batotezwaga bo mu bihugu byose bya gikristo bagiye bajya muri iki gihugu babishishikariye kandi bafite ibyiringiro. Abantu miliyoni nyinshi bashakaga uko bagera ku nkengero zayo, bityo Leta Zunze Ubumwe za Amerika zarakuze zigira umwanya mu bihugu by'ibihangange byo ku isi.

Nyamara inyamaswa ifite amahembe nk'ay'umwana w'intama, "yavugaga nk'ikiyoka. Itegekesha ububasha bwose bwa ya nyamaswa ya mbere mu maso yayo, ihata isi n'abayirimo ngo baramye ya nyamaswa ya mbere yakize uruguma rwayishe; . . . ibabwira kurema igishushanyo cya ya nyamaswa yari ikomerekejwe n'inkota ikabaho."[615]

Amahembe nk'ay'umwana w'intama n'ijwi ry'ikiyoka bikoreshwa mu bigereranyo, byerekana ukuvuguruzanya gukomeye kuri hagati y'ibivugwa n'iryo shyanga ndetse n'imikorere yaryo. Ukuvuga kw'igihugu gusobanuye igikorwa n'ububasha bw'amategeko yacyo ndetse n'imyanzuro y'ubucamanza bwacyo. Kubw'uko kuvuga rero, icyo gihugu kizavuguruza ayo mahame yo kwishyira ukizana n'amahoro cyari cyaragaragaje ko ari yo rufatiro rw'imitegekere yacyo. Ibyo ubuhanuzi buvuga ngo "izavuga nk'ikiyoka", kandi 'igategekesha ububasha bwose bwa ya nyamaswa ya mbere,' bigaragaza ukwiyongera k'umwuka wo kutihanganirana ndetse no gutoteza waragagajwe n'ubutegetsi byagereranyijwe n'ikiyoka n'inyamaswa isa n'ingwe. Kandi amagambo avuga ngo "inyamaswa y'amahembe abiri ihatira isi n'abayirimo ngo baramye ya nyamaswa ya mbere" yerekana ko ububasha bw'icyo gihugu bugomba

613 Speech delivered at Plymount, Massachusetts, December 22, 1824, p.11.

614 Republicanism

615 Ibyahishuwe 13:11-13.

gukoreshwa mu guhatira abantu kugira bimwe bubahiriza kandi ibyo bizaba igikorwa cyo guhesha ubupapa icyubahiro.

Icyo gikorwa kigomba kuba gihabanye rwose n'amahame y'iki gihugu, gihabanye n'umudendezo, Itangazwa ry'ubwigenge ndetse n'Itegeko nshinga. Mu buryo bwuzuye ubwenge, abashinze iki gihugu bashakaga kwirinda gukoresha ubutegetsi bw'iby'isi ku rugande rw'itorero, ndetse banirinda ingaruka zabyo zitabura kubaho ari zo kutihanganirana n'itoteza. Itegeko-nshinga rivuga ko "Inama Nkuru y'igihugu itazigera ishyiraho itegeko ryerekeye ishingwa ry'idini cyangwa ribuzanya umudendezo wo kuyoboka idini." Rivuga kandi ko 'nta genzura mu by'idini rizigera risabwa ngo ribe icyangombwa gisabwa kigomba kuzuzwa ngo umuntu ahabwe umwanya mu butegetsi muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika." Ubutegetsi bwa Leta bushobora guhatira abantu kubahiriza iby'idini ibyo ari byo byose, igihe gusa habayeho kurenga kuri ayo mabwiriza arengera umudendezo w'igihugu. Ariko uguhuzagurika mu gikorwa nk'icyo biri nk'uko bigaragazwa mu gishushanyo cyakoreshejwe. Inyamaswa ifite amahembe nk'ay'umwana w'intama (yigamba ubutungane, kugwa neza no kuba inyamahoro) ni yo ivuga nk'ikiyoka.

"Ibabwira kurema igishushanyo cya ya nyamaswa." Aha hagaragazwa neza ubutegetsi aho abaturage bafite ububasha mu gushyiraho amategeko, ibyo bikaba ari igihamya kidashidikanywaho cy'uko Leta Zunze Ubumwe za Amerika ari cyo gihugu cyavuzwe mu buhanuzi.

Ariko se "igishushanyo cy'inyamaswa" ni iki? kandi kiremwa gite? Iyo shusho n'inyamaswa iremwa na ya nyamaswa y'amahembe abiri, kandi ikaba isa na yo. Na none kandi yitwa igishushanyo cyayo. Bityo rero kugira ngo tumenye uko icyo gishushanyo kimeze ndetse n'uko cyakozwe, tugomba kubanza kwiga ibiranga inyamaswa ubwayo - Ubupapa.

Igihe itorero rya mbere ryatakazaga ubutungane bwaryo kubwo gutandukira rikareka ukwiyoroshya kwigishwa n'ubutumwa bwiza ndetse no kwemera imigenzo n'imihango ya gipagani, ryatakaje Mwuka Muziranenge n'imbaraga y'Imana; maze kugira ngo ribashe kugenzura intekerezo z'abantu, ryashatse gushyigikirwa n'ubutegetsi bwa Leta. Ingaruka yabaye kubaho k'ubupapa, ari ryo torero ryagenzuraga ubutegetsi bw'igihugu kandi rikabukoresha mu gushaka kugera ku migambi yaryo ariko by'umwihariko mu guhana abahakanaga ububasha n'amategeko byaryo. Kugira ngo Leta Zunze Ubumwe za Amerika zireme igishushanyo cy'inyamaswa, ubutegetsi mu by'idini bugomba kugenga ubwa Leta kugira ngo ubwo butegetsi bwa Leta nabwo buzakoreshwe n'itorero mu gusohoza imigambi yaryo.

Igihe cyose itorero ryagiye rigira ubushobozi rihawe n'ubutegetsi bw'isi, ryagiye ribukoresha kugira ngo rihane abataravugagaga rumwe n'inyigisho zaryo. Amatorero y'abaporotesitanti yageze ikirenge mu cya Roma abinyujije mu kwifatanya n'ubutegetsi bw'isi yagaragaweho icyifuzo nk'icyo cyo kubuza abantu umudendezo wo gukurikiza umutimanama. Urugero rwatangwa kuri iyi ngingo ni itoteza ryamaze igihe kirekire ryakozwe n'Itorero ry'Ubwongereza ryibasiye abataremeraga inyigisho zaryo. Mu kinyejana cya cumi na gatandatu n'icya cumi na karindwi, ibihumbi byinshi by'abavugabutumwa batabwirizaga ibihwanye n'iby'itorero baciwe mu matorero yabo barahunga, kandi baba abapasitoro n'abizera benshi, bajyaga bacibwa ibihano, bagafungirwa muri gereza, abandi bakicwa urw'agashinyaguro bazira imyizerere yabo.

Ubuhakanyi ni bwo bwateye itorero rya mbere gushaka kwitabaza ubutegetsi bwa Leta, ritegura rityo inzira yo guteza imbere ubupapa- ari bwo nyamaswa. Intumwa Pawulo yaravuze ati: "Aho" hazaba igihe cyo kwimura Imana, kandi urya munyabugome azahishurwa."[616] Uko ni ko mu itorero ubuhakanyi buzategurira inzira igishushanyo cy'inyamaswa.

Bibiliya ivuga ko mbere y'uko Yesu Kristo agaruka, hazabaho gusubira inyuma mu by'idini nk'ukwabayeho mu binyejana bya mbere. "Umenye yuko mu minsi y'imperuka hazaza ibihe birushya. Kuko abantu bazaba bikunda, bakunda impiya, birarira, bibona batukana batumvira ababyeyi babo, indashima, batari abera, badakunda n'ababo, batuzura, babeshyerana, batirinda, bagira urugomo, badakunda ibyiza, bagambana, ibyigenge, bikakaza, bakunda ibibanezeza aho gukunda Imana, bafite ishusho yo kwera, ariko bahakana imbaraga zako." [617] "Ariko Umwuka avuga yeruye ati: 'Mu bihe bizaza bamwe bazagwa bave mu byizerwa, bite ku myuka iyobya n'inyigisho z'abadayimoni."[618] Satani azakoresha "imbaraga zose n'ibimenyetso n'ibitangaza by'ibinyoma, n'ubuhenzi bwose bwo gukiranirwa." Kandi abantu bose "banze gukunda ukuri ngo bakizwe," bazarekwa ngo bemere "ubushukanyi bukomeye cyane ngo bizere ibinyoma."[619] Igihe uru rwego rwo gukiranirwa ruzaba rumaze kugerwaho, ingaruka nk'izabaye mu binyejana bya mbere zizakurikiraho.

Abantu benshi bafata ko imyizerere y'amaharakwinshi irangwa mu matorero y'Abaporotesitanti ari igihamya kidasubirwaho cy'uko nta mbaraga zakoreshwa ngo higere habaho guhuza mu myizerere. Ariko mu myaka myinshi yashize mu matorero y'Abaporotesitanti hagiye habaho igitekerezo gikomeye kandi cyagendaga gikura cy'uko habaho ubumwe bushingiye ku ngingo zimwe z'imyizerere ahuriyeho. Kugira ngo ubwo bumwe bugerweho, impaka zerekeye inyigisho zimwe batemeranyaho, uko byagenda kose zigomba kurekwa -uko mu buryo bukomeye bwose zaba zishingiye ku byo Bibiliya ivuga.

Uwitwa Charles Beecher mu kibwirizwa cye cyo mu mwaka wa 1846, yaravuze ati: "Abayobozi bo mu matorero y'ivugabutumwa y'Abaporotesitanti ntibashyirwaho mu rwego rw'igitugu gikaze gishingiye ku kubahisha umuntu gusa, ahubwo uko babaho, uko bagenda n'uko bahumeka ni ibintu byanduye rwose, ndetse buri saha ikibi cyabo gikomeye cyane ni uko bahisha ukuri maze noneho bagapfukamira ubuhakanyi. Mbese uku siko byagendekeye Roma? Mbese ubu ntitwongera kubaho nk'uko yabayeho? None se ibyo twiteze kubona ni iki? Ni indi nama nkuru y'igihugu! Inama rukokoma y'isi yose! Ubufatanye mu ivugabutumwa, ndetse n'indangakwemera rusange!"[620] Igihe ibi bizaba bigezweho, mu muhati wo kugira ngo habeho ubumwe, intambwe yonyine izakurikiraho ni iyo gukoresha imbaraga.

Igihe amatorero akomeye yo muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika azahuriza

616 2 Abatesalonike 2 : 3
617 2 Timoteyo 3 : 1-5
618 1 Timoteyo 4 : 1
619 2 Abatesalonike 2 : 9-11
620 Sermon on "The Bible a Sufficient Creed," delivered at Fort Wayne, Indiana, February 22,1846.

hamwe ku ngingo z'amahame amwe ahuriyeho, azatera Leta no gushimangira amategeko yayo ndetse no gushyigikira ibigo by'ayo matorero, icyo gihe ni bwo Amerika irangwa n'Ubuporotesitanti izaba iremye igishushanyo cy'inyamaswa, bityo ingaruka izavamo nta kabuza ni ibihano Leta izahanisha abatazemera inyigisho zayo.

Ya nyamaswa y'amahembe abiri "itera [itegeka] bose, aboroheje n'abakomeye, n'abatunzi n'abakene, n'ab'umudendezo n'ab'imbata, gushyirwaho ikimenyetso ku kiganza cy'iburyo cyangwa mu ruhanga: kugira ngo hatagira umuntu wemererwa kugura cyangwa gutunda, keretse afite icyo kimenyetso, cyangwa izina rya ya nyamaswa, cyangwa umubare w'izina ryayo."[621] Ubutumwa bw'imbuzi bwa marayika wa gatatu ni ubu ngo: "Umuntu naramya ya nyamaswa n'igishushanyo cyayo, agashyirwaho ikimenyetso cyayo mu ruhanga rwe cyangwa ku kiganza, uwo ni we uzanywa ku nzoga, ni yo mujinya w'Imana." 'Inyamaswa' ivugwa muri ubu butumwa kandi abantu bakayiramya babihatiwe n'inyamaswa ifite amahembe abiri, ni iya mbere cyangwa inyamaswa isa n'ingwe yo mu Byahishuwe 13, ari yo: "ubupapa." Igishushanyo cy'iyo nyamaswa cyerekana bwa Buporotesitanti bwahakanye, buzagira imbaraga igihe amatorero y'Abaporotesitanti azitabaza ubutegetsi bwa Leta kugira ngo buyafashe gushimangira inyigisho zayo. Ikimenyetso cy'inyamaswa kiracyasobanurwa.

Nyuma yo kuburira abantu kwirinda kuramya inyamaswa n'igishushanyo cyayo ubuhanuzi buravuga buti: "Aho ni ho kwihangana kw'abera kuri, bitondera amategeko y'Imana, kandi bakagira kwizera nk'ukwa Yesu." Kubera ko abakurikiza amategeko y'Imana batandukanye n'abaramya inyamaswa n'igishushanyo cyayo kandi bagashyirwaho ikimenyetso cyayo, igikurikiraho ni uko gukurikiza amategeko y'Imana ku ruhande rumwe, no kuyica ku rundi ruhande, ari byo bizagaragaza itandukaniro hagati y'abaramya Imana n'abaramya inyamaswa.

Ikiranga inyamaswa cyihariye ari na cyo kiranga igishushanyo cya yo, ni ukwica amategeko y'Imana. Umuhanuzi Daniyeli avuga iby'agahembe gato (ubupapa) muri aya magambo: "Azigira inama zo guhindura ibihe n'amategeko."[622] Intumwa Pawulo yo, ubwo butegetsi yabwise 'umunyabugome,' wagambaga kwishyira hejuru y'Imana. Kwishyira hejuru y'Imana kw'ubupapa kugaragarira mu guhindura amategeko. Umuntu wese wubahiriza amategeko nk'uko yahinduwe, aba aha ikuzo n'icyubahiro gikomeye ubwo butegetsi bwayahinduye. Igikorwa nk'icyo cyo kumvira amategeko y'ubupapa kizaba ari ikimenyetso cy'isumbwe rihawe Papa mu cyimbo cy'Imana.

Ubupapa bwagerageje guhindura amategeko y'Imana. Itegeko rya kabiri ribuzanya kuramya ibishushanyo, ryakuwe mu mategeko y'Imana, kandi n'itegeko rya kane na ryo ryarahinduwe kugira ngo hemerwe kubahiriza umunsi wa mbere w'icyumweru nk'Isabato mu cyimbo cy'umunsi wa karindwi. Ariko impamvu yo gukuraho itegeko rya kabiri abashyigikira inyigisho z'ubupapa batanga ni uko ngo iryo tegeko atari ngombwa ko ribaho, ko rikubiye mu rya mbere, kandi bakavuga ko bigisha amategeko y'Imana nk'uko Imana ubwayo yagenye ko yumvikana. Kuri bo, bavuga ko iryo hinduka atari ryo ryavuzwe n'umuhanuzi. Uguhindura amategeko

621 Ibyahishuwe 13 :16 ;17

622 Daniyeli 7 :25

bigambiriwe byavuzwe muri aya magambo: "Azigira inama zo guhindura ibihe n'amategeko." Impinduka zakozwe ku itegeko rya kane zisohoza ryose ibyo ubuhanuzi buvuga. Ibyo byakozwe n'ububasha bumwe ari bwo bw'itorero. Aha rero ububasha bw'ubupapa ubwabwo bwishyize hejuru y'Imana ku mugaragaro.

Mu gihe abaramya Imana bazagaragazwa by'umwihariko n'agaciro baha itegeko rya kane, (kuko iri tegeko ari ryo kimenyetso cy'ububasha bw'Imana bwo kurema ndetse rikaba n'igihamya cy'uko isaba umuntu kuyubaha no kuyiha ikuzo), abaramya inyamaswa nabo bazamenyekanira ku muhati wabo wo gukuraho urwibutso rw'Imana Umuremyi maze bakubahiriza gahunda yashyizweho na Roma. Mu rwego rwo gushigikira umunsi wa mbere w'icyumweru ni ho ubupapa bwahamije bwa mbere ibyo bwigamba; kandi inshuro ya mbere bwitabaje imbaraga za Leta byari uguhatira abantu kubahiriza umunsi wa mbere w'icyumweru nk'"umunsi w'Umwami." Ariko Bibiliya yerekana ko umunsi wa karindwi ari wo munsi w'Umwami, ntabwo ivuga umunsi wa mbere. Yesu Kristo yaravuze ati: "Umwana w'umuntu ni Umwami w'Isabato na yo." Itegeko rya kane riravuga riti: "Umunsi wa karindwi ni wo Sabato y'Uwiteka Imana yawe." Ubundi kandi Uwiteka avuga iby'uwo munsi akoresheje umuhanuzi Yesaya ati: "Umunsi wanjye Wera."[623]

Amagambo akunze kuba urwitwazo kenshi abantu bavuga ko Kristo yaba yarahinduye Isabato avuguruzwa n'ibyo we ubwe yivugiye ati: "Ntimwibwire ko nazanywe no kuvanaho Amategeko cyangwa ibyanditswe n'abahanuzi. Sinazanywe no kubivanaho, ahubwo nazanywe no kubisohoza. Ndababwira nkomeje ko nta kanyuguti habe n'akadomo na kamwe ko mu Mategeko kazavaho, kugeza ubwo byose bizaba birangiye, ijuru n'isi bigashira. Umuntu wese uzaca ku itegeko rimwe, naho ryaba rito muri ayo yose, akigisha abandi kugenza nka we, azagirwa uwa nyuma mu bwami bw'ijuru. Ariko uzayumvira, akayigisha abandi, azitwa mukuru mu bwami bw'ijuru."[624]

Abaporotesitanti muri rusange bemera neza ko Bibiliya idatanga uburenganzira bwo guhindura Isabato. Ibyo bivugwa neza mu bitabo byandikwa n'Ishyirahamwe ry'Ishuri ry'Icyumweru muri Amerika. Kimwe muri ibyo bitabo gihamya ko 'ntacyo Isezerano Rishya rivuga ku kuba hari itegeko risobanutse ryatanzwe rihindura Isabato umunsi wa mbere w'icyumweru, cyangwa ngo habe hari amabwiriza arebana no kubahiriza umunsi wa mbere.' [625]

Undi yaravuze ati: "Kugeza igihe cy'urupfu rwa Kristo, nta mpinduka zerekeye umunsi zigeze zibaho;" kandi "nk'uko ibyanditswe bibyerekana, ntabwo intumwa za Kristo zigeze zitanga itegeko ryo kureka Isabato yo ku munsi wa karindwi ngo abantu bajye bayubahiriza ku munsi wa mbere w'icyumweru." [626]

Abayoboke b'itorero Gatolika ry'i Roma bemera ko guhindura Isabato byakozwe n'itorero ryabo, kandi bagahamya ko Abaporotesitanti bemera ububasha bw'itorero Gatolika binyuze mu kubahiriza munsi wa mbere w'icyumweru. Muri Gatigisimu y'itorero Gatorika ivuga iby'Idini rya Gikristo[627], ubwo hasubizwaga ikibazo

623 Mariko 2 :28, Yesaya 5 : 113
624 Matayo 5 : 17-19
625 George Elliot, The Abiding Sabbath, p. 184.
626 A.E.Waffle, The Lord›s Day, pp.186-188.
627 Catholic Catechism of Christian Religion

cyerekeye umunsi ugomba kubahirizwa mu rwego rwo kumvira itegeko rya kane, havuzwe amagambo akurikira: "Mu gihe cy'amategeko ya kera, umunsi wa karindwi[628] ni wo munsi wejejwe; ariko itorero, ribwirijwe na Yesu Kristo, kandi riyobowe na Mwuka Muziranenge, umunsi wa karindwi ryawusimbuje umunsi wa mbere w'icyumweru; bityo ubu turuhuka ku munsi wa mbere mu cyimbo cy'umunsi wa karindwi. Ubu umunsi wa mbere usobanura umunsi w'Umwami"

Nk'ikimenyetso cy'ububasha bw'itorero Gatolika, abanditsi babo baravuga bati: "igikorwa cyo guhindura Isabato igashyirwa ku munsi wa mbere w'icyumweru, ni igikorwa cyemewe n'Abaporotesitanti; . . . kubera mu gihe bizihiza kuruhuka ku cyumweru, baba bemera ububasha itorero Gatolika rifite bwo gutoranya (kweza) iminsi mikuru, ndetse no kuyibahatira kugeza ubwo bibagusha mu cyaha."[629] Guhindura Isabato se ni iki kindi kitari ikimenyetso cy'ububasha bw'itorero ry'i Roma; ari cyo "kimenyetso cy'inyamaswa"?

Itorero ry'i Roma ntiryaretse ibyo ryigamba ko rifite isumbwe; kandi igihe isi n'amatorero y'Abaporotesitanti yemeye Isabato yashyizweho n'itorero Gatolika ry'i Roma bakareka Isabato yemewe na Bibiliya, ubwo baba bemeye uko kwishyira hejuru kwaryo. Baba bemeye ububasha bw'imigenzo n'ubw'abapadiri mu kugira impinduka runaka; nyamara iyo bakoze batyo, baba birengagije ihame ribatandukanya na Roma. Iryo hame ni irivuga ko "Bibiliya, kandi Bibiliya yonyine, ari yo dini ry'Abaporotesitanti." Roma ibona ko Abaporotesitanti bishuka maze ku bushake bwabo bagahuma amaso yabo ntibarebe ibikorwa bigaragara. Uko gahunda yo gushimangira umunsi wa mbere igenda irushaho kwakirwa neza, ni ko Roma yishima, kuko igira icyizere cy'uko amaherezo iyo gahunda izatuma Abaporotesitanti bose bajya munsi y'ubutware bwa Roma. Umusenyeri umwe w'umufaransa yemeza ko gukomeza icyumweru kw'Abaprotestanti, umunsi wa mbere ari ukuramya ububasha bw'itorero Gatolika.

Abayobozi bo mu itorero Gatolika ry'i Roma bavuga ko "kuba Abaporotesitanti bubahiriza umunsi wa mbere w'icyumweru, ni icyubahiro baba bahaye ubutware bw'Itorero Gatolika ntabwo ari bo ubwabo baba biyubashye."[630] Ku ruhande rw'amatorero y'Abaporotesitanti, guhatira abantu kubahiriza umunsi wa mbere w'icyumweru, ni ukubahatira kuramya ubupapa (kuramya inyamaswa). Abantu basobanukirwa ibyo itegeko rya kane rivuga maze bagahitamo kubahiriza Isabato y'ikinyoma mu cyimbo cy'Isabato nyakuri, baba baha icyubahiro buriya butware bwahinduye Isabato. Ariko mu gikorwa cyo guhatira abantu inshingano mu by'idini bikozwe n'ubutegetsi bw'isi, amatorero ubwayo azakora igishushanyo cy'inyamaswa; bityo rero, guhatira abantu kuruhuka ku munsi wa mbere w'icyumweru muri Leta Zunze ubumwe za Amerika bizaba ari uguhatira abantu kuramya inyamaswa n'igishushanyo cyayo.

Ariko Abakristo bo mu bihe byashize, bubahirizaga umunsi wa mbere w'icyumweru bibwira ko bubahiriza Isabato ivugwa na Bibiliya. Kandi n'ubu mu matorero yose ndetse no mu itorero Gatolika y'i Roma, harimo Abakristo nyakuri

628 Saturday

629 Henry Tuberville, An Abridgment of the Christian Doctrine, p.58.

630 Mgr. Segur, Plain Talk About the Protestantism of Today, p.213.

bizera rwose batigiza nkana ko Umunsi wa mbere w'icyumweru ari wo Sabato yashyizweho n'Imana. Imana yemera ibyo bakora nta buryarya ndetse no kuba indahemuka kwabo imbere yayo. Ariko ubwo itegeko rizahatira abantu kuruhuka ku munsi wa mbere, kandi abantu bose bakazamurikirwa ku byerekeye kubahiriza Isabato nyakuri, icyo gihe umuntu wese uzica itegeko ry'Imana akumvira itegeko ryashyizweho na Roma, azaba ahaye ikuzo ubupapa kuburutisha Imana. Aba aha icyubahiro Roma n'ubutegetsi bushimangira umunsi w'ikiruhuko watoranyijwe na yo. Aba aramya inyamaswa n'igishushanyo cyayo. Igihe abantu banga Isabato Imana yavuze ko ari ikimenyetso cy'ububasha bwayo maze mu mwanya wayo bakubahiriza umunsi Roma yihiteyemo ngo ube ikimenyetso cyo gukomera kwayo, baba bemeye ikimenyetso cy'icyubahiro bahaye Roma - "ikimenyetso cy'inyamaswa." Igihe rero iyo ngingo isobanuriwe neza imbere y'abantu maze bagahitamo kumvira hagati y'amategeko y'Imana n'ay'abantu, abakomeza kugomera Imana bazashyirwaho "ikimenyetso cy'inyamaswa."

Umuburo uteye ubwoba cyane wigeze ubwirwa abantu uboneka mu butumwa bwa marayika wa gatatu. Uvuga ko ari icyaha gikomeye cyane kuko kizatuma abantu bamanukirwa n'umujinya w'Imana utazaba uvanzemo imbabazi haba na mba. Ntabwo abantu bakwiriye kuba mu mwijima batazi ibyerekeye iki ngingo y'ingenzi. Ubutumwa bw'imbuzi buburira abantu kwirinda iki cyaha bugomba kubwirwa abatuye isi mbere y'uko bagerwaho n'urubanza rw'Imana, kugira ngo abantu bose babashe kumenya impamvu bagomba kubabazwa maze babone amahirwe yo guhunga ngo bakire iteka ry'Imana. Ubuhanuzi buvuga ko marayika wa mbere abwira ubutumwa bwe "abari mu isi, bo mu mahanga yose n'imiryango yose n'indimi zose n'amoko yose." Ubutumwa bw'imbuzi bwa marayika wa gatatu, bugize umugabane umwe wa bwa butumwa butatu, bugomba gusakazwa hose. Ubuhanuzi bugaragaza ko ubu butumwa buvuganwa ijwi rirenga, bukavugwa n'umumarayika ugurukira kure mu kirere cy'ijuru; kandi buzatera abatuye isi kubwitaho.

Muri urwo rugamba Abakristo bose bazagabanywamo amatsinda abiri akomeye: Itsinda ry'abakurikiza amategeko y'Imana kandi bakizera Yesu, n'irindi tsinda ry'abaramya inyamaswa n'igishushanyo cyayo bagashyirwaho ikimenyetso cyayo. Nubwo itorero na Leta bizahuriza hamwe imbaraga kugira ngo bahatire "abantu bose, aboroheje n'abakomeye, n'abatunzi n'abakene, n'ab'umudendezo n'imbata, gushyirwaho "ikimenyetso cy'inyamaswa," nyamara ubwoko bw'Imana bwo ntibuzacyakira. Umuhanuzi wo ku kirwa cya Patimosi yabonye "abatabarutse banesheje ya nyamaswa n'igishushanyo cyayo n'umubare w'izina ryayo, bahagaze ku nyanja y'ibirahuri, bafite inanga z'Imana, baririmba indirimbo ya Mose, imbata y'Imana n'indirimbo y'umwana w'intama."[631]

631 Ibyahishuwe 15 : 2,3

IGICE CYA 26

UMURIMO W'UBUGOROZI[632]

Umurimo w'ubugorozi ku byerekeye Isabato ugomba gukorwa mu minsi ya nyuma wavuzwe mu buhanuzi bwa Yesaya agira ati: "Uwiteka aravuga ati: 'Mwitondere iby'ukuri, mukore ibyo gukiranuka; kuko agakiza kanjye kari hafi, no gukiranuka kwanjye kugiye guhishurwa. Hahirwa umuntu ukora ibyo, n'umwana w'umuntu ubikomeza, akeza Isabato, ntayice, akarinda ukuboko kwe ngo kudakora icyaha cyose." "Kandi abanyamahanga bahakwa ku Uwiteka bakamukorera bakunze izina rye, bakaba abagaragu be, umuntu wese akeza Isabato ntayice, agakomeza isezerano ryanjye, abo na bo nzabageza ku musozi wanjye wera, mbanezereze mu nzu yanjye y'urusengero."[633]

Aya magambo yerekeye ibihe bya Gikristo nk'uko bigaragarira mu buryo yavuzwemo: "Umwami Imana ikoranya ibicibwa bya Isirayeli iravuze iti: 'Nzongera kumukoraniriza abandi, udashyizeho abe bakoranijwe." (Yesaya 56:8). Ibyo byerekezaga ku butumwa bwiza bwa Kristo buzakoranyiriza hamwe abanyamahanga. Kandi abubahirizaga Isabato icyo gihe basezeraniwe guhabwa umugisha. Bityo rero, icyo itegeko rya kane risaba gihera mbere yo kubambwa, kuzuka no kuzamurwa mu ijuru kwa Kristo mu ijuru, kikageza no muri cya gihe abayoboke be bazaba bamamaza inkuru y'ubutumwa bwiza mu mahanga yose.

Na none kandi Uhoraho atanga itegeko akoresheje umuhanuzi Yesaya ati: "Bumba ibihamya, amategeko uyafatanishe ikimenyetso mu bigishwa banjye." (Yesaya 8:16). Ikimenyetso cy'amategeko y'Imana kiboneka mu itegeko rya kane. Mu mategeko cumi yose, irya kane ryonyine ni ryo rigaragaza izina n'icyubahiro cy'Uwatanze amategeko. Iri tegeko rivuga ko ari Umuremyi w'ijuru n'isi, kandi ku bw'ibyo rikerekana ko ari yo yonyine ikwiriye kubahwa ikuzo no kuramywa ikarutishwa ibindi byose. Uretse iri tegeko, nta kindi kintu kiri mu mategeko cumi y'Imana cyerekana ububasha bw'Uwatanze ayo mategeko. Igihe Isabato yahindurwaga n'ubutegetsi bwa papa, amategeko yari akuwemo ikimenyetso cy'Imana. Abigishwa ba Kristo bararikirwa gusubizaho icyo kimenyetso bagarura Isabato ivugwa mu itegeko rya kane mu mwanya wayo utunganye nk'urwibutso rw'Umuremyi n'ikimenyetso cy'ububasha bwe.

"Nimusange amategeko y'Imana n'ibiyihamya!" Mu gihe amahame n'inyigisho bivuguruzanya bibaye byinshi, amategeko y'Imana ni yo cyitegererezo kitibeshya kigomba gusuzumirwaho ibitekerezo byose, inyigisho n'amahame. Umuhanuzi aravuga ati: "Nibatavuga ibihwanye n'iryo jambo nta museke uzabatambikira." (Yesaya 8:20).

Itegeko ryongera gutangwa rivuga riti: "Shyira ejuru uvuge cyane, we kugerura; rangurura ijwi ryawe nk'ikondera, ubwire ubwoko bwanjye ibicumuro byabwo, ubwire inzu ya Yakobo ibyaha byabo." Ntabwo habwirwa abanyabibi bari ku isi,

632 IVUGURURA

633 Yesaya 56 :1,2,6,7

ahubwo ba bandi Uwiteka yita "Ubwoko bwe," ni bo bagomba gucyahwa kubera ibicumuro byabo. Yakomeje avuga ati: "Icyakora banshaka uko bukeye bishimira kumenya inzira zanjye; nk'ishyanga ryakoraga ibyo gukiranuka, ntirireke amategeko y'Imana yabo." (Yesaya 58:1, 2). Aha hagaragazwa itsinda ry'abibwira ko ari intungane kandi bagasa n'abagaragaza gushishikarira umurimo w'Imana. Nyamara gucyaha gukomeye k'Urondora imitima kugaragaza ko baribata amategeko y'Imana.

Bityo rero, umuhanuzi agaragaza itegeko ryirengagijwe agira ati: "Uzongera gushinga imfatiro zariho ku ngoma nyinshi; kandi uzitwa Uwica icyuho kandi Usibura inzira zijya mu ngo. Nuhindukira ntukandagire Isabato, ukanga gukora ibyo wishakiye ku munsi wanjye wera, ahubwo ukita Isabato umunezero, umunsi wera w'Uwiteka ukawita uw'icyubahiro, ukawubaha, ntube icyigenge, ntiwishakire ibyo kwinezeza, ntiwivugire ibyo ushaka ku bwawe, nuko uzishimira Uwiteka." (Yesaya 58:12-14). Ubu buhanuzi burerekeza no ku gihe cyacu. Icyuho cyaciwe mu mategeko y'Imana igihe Isabato yahindurwaga n'ububasha bw'ubutegetsi bw'i Roma. Ariko igihe cyarageze kugira ngo itegeko ryatanzwe n'ijuru risubire mu mwanya waryo. Icyuho kigomba gusanwa kandi imfatiro zariho ku ngoma nyinshi na zo zigomba kuzamurwa zikubakwa.

Isabato yubahishijwe n'uko Umuremyi yayiruhutseho kandi ayiha umugisha, bityo Adamu nawe yubahirizaga Isabato muri Edeni itunganye nawe akiri intungane. Adamu kandi yakomeje kubahiriza Isabato ubwo yari amaze gucumura akirukanwa muri Edeni yari imunejeje nyamara nyuma y'aho akihana. Isabato yubahirijwe n'abakurambere bose uhereye kuri Abeli ukageza ku mukiranutsi Nowa, kuri Aburahamu no kuri Yakobo. Igihe ubwoko bwatoranyijwe bwari buri mu bubata mu gihugu cya Misiri, buri hagati mu muco wari uganje wo gusenga ibigirwamana, benshi muri bo batakaje kumenya amategeko y'Imana; ariko ubwo Imana yabaturaga Isirayeli, mu buryo bukomeye, yatangarije amategeko yayo iryo teraniro rinini kugira ngo babashe kumenya ubushake bwayo, kandi bayitinye (bayubahe) ndetse bayumvire iteka ryose.

Guhera icyo gihe kugeza ubu kumenya amategeko y'Imana byagiye birindwa bikomeza kuba ku isi, kandi Isabato yo mu itegeko rya kane yagiye yubahirizwa. Nubwo wa "munyabugome" yageze ku mugambi we wo kuribatira itegeko ryera ry'Imana munsi y'ibirenge bye, no muri cya gihe cy'ububasha bwe bukomeye, hariho abantu b'indahemuka bubahiririzaga Isabato mu rwiherero. Kuva mu gihe cy'ubugorozi, muri buri gisekuru hagiye habaho abantu bamwe bakomezaga kuyubahiriza. No mu bihe byinshi byo gukwenwa n'itotezwa, hakomeje gutangwa ubuhamya bugaragaza ko amategeko y'Imana ahoraho ibihe byose, kandi bukerekana n'inshingano yihariye yo kubahiriza Isabato yashyizweho mu irema.

Uko kuri nk'uko kugaragarira mu Byahishuwe 14, gufatanye "n'ubutumwa bwiza bw'iteka ryose," kandi kuzerekana itorero rya Kristo igihe azagarukira. Bityo, nk'ingaruka y'ubutumwa bw'abamarayika batatu havugwa aya magambo ngo: "Aba ni abakurikiza amategeko y'Imana kandi bakizera Yesu." Ubu nibwo butumwa buheruka bugomba kuvugwa mbere y'uko Umukiza agaruka. Umuhanuzi yabonye ko ubwo butumwa nibumara kuvugwa, uwo mwanya umwana w'umuntu azaza mu ikuzo rye aje gusarura isi.

Igihe ukuri kw'Isabato kwashyirwaga ku mugaragaro, abantu benshi batanze

ibitekerezo byabo bashingiye ku myumvire y'ab'isi. Baravuze bati: "Igihe cyose tumaze twubahirizaga umunsi wa mbere (icyumweru), ndetse na basogokuruza bacu ni wo bubahirizaga, kandi abantu beza b'inyangamugayo mu idini, bapfuye bafite ibyishimo kandi bawubahiriza. Niba bari bafite ukuri, natwe turagufite. Kubahiriza iyo Sabato nshya, byazatujugunya hanze ntitugendane n'ab'isi, bityo ntitube hari impinduka twabagiraho. Ni iki itsinda ry'abantu bake bubahiriza umunsi wa karindwi ryageraho ugereranyije n'abatuye isi bose bubahiriza umunsi wa mbere w'icyumweru?" Urwitwazo nk'urwo ni rwo Abayahudi batangaga kugira ngo berekane impamvu yo kwanga Kristo. Ba sekuruza bari baragiye bemerwa n'Imana binyuze mu gutanga amaturo y'ibitambo, none se kuki abana babo batashoboraga kubona agakiza bakurikije iyo nzira ya ba sekuruza? Muri ubwo buryo, mu gihe cya Luteri, ubupapa bwavugaga ko Abakristo nyakuri bapfuye bafite imyizerere y'idini Gatolika, bityo bakavuga ko iryo dini rihagije kugira ngo umuntu abone agakiza. Imitekerereze nk'iyo igaragara ko ari inzitizi ikomeye y'iterambere mu myizerere mu by'itorero cyangwa se mu mikorere.

Abantu benshi batanze impamvu z'uko kubahiriza umunsi wa mbere w'icyumweru ari ihame ryashinze imizi ndetse bikaba n'umugenzo w'itorero wakwiriye hose mu myaka amagana menshi. Ibihabanye n'iki gitekerezo ni uko byagaragajwe ko Isabato ndetse no kuyubahiriza ari ibya kera cyane kandi byamamaye ndetse binganya ubukuru n'isi ubwayo, kandi ko byemerwa n'Imana n'abamarayika. Igihe imfatiro z'isi zashyirwagaho, igihe inyenyeri zo mu ruturutura zaririmbaga, abana b'Imana baranguruye ijwi ry'ibyishimo, ubwo ni bwo urufatiro rw'Isabato rwashinzwe.[634] Dukwiriye kubahiriza iyi Sabato; ntabwo yashyizweho n'ububasha bw'umuntu kandi ntishingiye ku migenzo y'abantu. Yashyizweho n'Umukuru Nyiribihe byose kandi itegekwa n'ijambo rye rihoraho.

Ubwo abantu bakangurirwaga ingingo y'ivugurura ryerekeye Isabato, ababwirizabutumwa b'ibirangirire bagoretse ijambo ry'Imana, bagatanga ubusobanuro bw'ibyo iryo jambo rihamya baganisha ku gucubya ibibazo bajyaga kubazwa. Bityo abatarisomeraga Ibyanditswe Byera bashimishwaga no kwemera imyanzuro ihuje n'ibyifuzo byabo. Kubera ibitekerezo batangaga, ubucurabwenge n'imigenzo by'abapadiri ndetse n'ububasha bw'itorero, byatumye abantu benshi bashishikarira gutsemba ukuri. Abaharaniraga kuvuga ukuri bo bihutiraga gushakashaka muri Bibiliya zabo kugira ngo bashyigikire ukuri kw'itegeko rya kane. Abantu boroheje, bitwaje ukuri kw'ijambo ry'Imana gusa nk'intwaro yabo, bahanganye n'ibitero by'abanyabwenge baje gutungurwa kandi bagira umujinya babonye kuba intyoza kwabo kubaye ubusa imbere y'abo bantu boroheje, bafite imitekerereze idakebakeba bari barirunduriye mu Byanditswe Byera kuruta inyigisho z'urujijo zigishirizwaga mu mashuri.

Kubera kubura igihamya cyo muri Bibiliya gishyigikira uruhande rwabo, benshi bibagiwe ko imitekerereze imeze nk'iyabo yakoreshejwe n'abantu barwanyaga Yesu n'intumwa maze bakomeza kwinangira bavuga bati: "Kuki abakomeye muri twe badasobanukiwe n'ikibazo cy'Isabato? nyamara bake gusa bayizera nk'uko namwe mwizera. Ntabwo byaba ari uko ari mwebwe banyakuri maze ngo abanyabwenge

634 Yobu 38 :6,7 Itangiriro 2 : 1-3

bose bo ku isi babe bari mu ifuti."

Kugira ngo ingingo nk'izo zivuguruzwe, byari bikenewe kuvuga gusa inyigisho zo mu Byanditswe Byera n'amateka y'uburyo Uhoraho yakoranye n'abantu bo mu bihe byose. Imana ikorera mu bumva kandi bakumvira ijwi ryayo, abantu bazavuga ukuri kutanezeza abakumva bibaye ngombwa, abantu badatinya gucyaha ibyaha byabaye rusange mu bantu. Impamvu akenshi Imana idatoranya abanyabwenge n'abakomeye kugira ngo abe ari bo bafata iya mbere muri gahunda z'ivurura, ni uko bishingikiriza ku mahame yabo, inyigisho zabo n'amadini yabo mu by'iyobokamana, kandi bakumva badakeneye kwigishwa ibyerekeye Imana. Abantu bafitanye umubano wihariye na Soko y'ubwenge ni bo gusa bashobora gusobanukirwa cyangwa gusobanura Ibyanditswe Byera. Rimwe na rimwe abantu bize amashuri adahambaye ni bo bahamagarirwa kwamamaza ukuri, atari uko batize cyane, ahubwo bitewe n'uko batumva bihagije cyane ku buryo batakwigishwa n'Imana. Bigira mu ishuri rya Kristo, bityo kwicisha bugufi no kumvira kwabo bikabahindura abantu bakomeye. Iyo Imana ibamenyesheje ukuri kwayo, ibaha icyubahiro maze wakigereranya n'icy'isi itanga ndetse no gukomera by'abantu, ibi bikaba ubusa.

Umubare munini w'Abadiventisiti birengagije ukuri kwerekeye ubuturo bwera n'amategeko y'Imana, kandi benshi baretse kwizera kwabo mu byerekeranye n'ubutumwa bwo kugaruka kwa Kristo bityo bemera ibitekerezo bidatunganye kandi biteza amakimbirane byerekeye ubuhanuzi burebana n'uwo murimo. Byatumye bamwe bagwa mu ifuti ryo gushyiraho igihe ntakuka cyo kugaruka kwa Kristo. Umucyo urasira ingingo yerekeye ubuturo bwera ni wo wagombaga kubereka ko nta gihe cy'ubuhanuzi kigenda kikageza ku kugaruka kwa Kristo; kandi umunsi ntarengwa wo kugaruka kwe utigeze uvugwa mu buhanuzi. Ariko bamaze kureka uwo mucyo, bakomeje kujya batangaza igihe umunsi Umwami azaziraho, bityo inshuro nyinshi bakajya babura ibyo bari biteze.

Ubwo ab'itorero ry'i Tesaloniki bakiraga inyigisho z'ibinyoma ku byerekeye kugaruka kwa Kristo, intumwa Pawulo yabagiriye inama yo kubanza kugenzurana ubwitonzi ibyiringiro byabo n'ibyo barangamiye bakoresheje ijambo ry'Imana. Yababwiye ubuhanuzi bubahishurira ibintu bikwiriye kuzabanza gusohora mbere y'uko Kristo agaruka, kandi byerekana ko nta shingiro bafite ryo kwitega kumubona aje mu gihe cyabo. Yababuriye ababwira ati: "Ntihakagire umuntu uboshya uburyo bwose." [635] Iyo bakomeza kwitega ibintu bidashyigikiwe n'Ibyanditswe Byera, bari kuba bishoye mu nzira itari iy'ukuri; kubura ibyo bari biteze byari kubakururira kugirwa urw'amenyo n'abatizera, kandi bari kuba mu kaga ko gucika intege bityo bakajya mu kigeragezo cyo gushidikanya ukuri agakiza kabo gashingiyeho. Umuburo intumwa Pawulo abwira Abanyatesaloniki urimo icyigisho cy'ingenzi ku bantu bo mu minsi y'imperuka. Abadiventisiti benshi bumvise ko badashobora kugira ishyaka n'umwete mu murimo wo kwitegura ngo keretse gusa babashije gushingira ukwizera kwabo ku gihe ndakuka cyo kugaruka k'Umukiza. Ariko uko ibyiringiro byabo bigenda bikangurwa, bigana ku kurimbuka gusa, ni ko ukwizera kwabo na ko guhungabana ku buryo bigera aho bisa n'ibitabashobokera ko bakorwa ku mutima n'ukuri kw'ingenzi kuvugwa n'ubuhanuzi.

635 2 Abatesalonike 2:3

Kubwiriza iby'igihe ntakuka cy'itangira ry'urubanza mu gihe ubutumwa bwa marayika wa mbere bwigishwaga byari byarategetswe n'Imana. Kubara ibihe by'ubuhanuzi ubwo butumwa bwari bushingiyeho maze iherezo ry'iminsi 2300 rigashyirwa mu muhindo w'umwaka wa 1844, byari ukuri kudakemangwa. Umuhati wahoraga ukoreshwa kugira ngo hashakwe andi matariki mashya y'itangira n'irangira ry'ibihe by'ubuhanuzi, ndetse n'intekerezo zidatunganye zakoreshwaga mu gushyigikira uko abantu batekerezaga, ntabwo ibyo byateshuye abantu ku kuri kw'icyo gihe gusa, ahubwo byanateye kwinubira umwete wose wakoreshwaga mu gusobanura ubuhanuzi. Uko akenshi abantu barushaho gushyiraho umunsi ntarengwa wo kugaruka kwa Yesu, n'uko iyo nkuru irushaho kwigishwa hose, ni ko ibyo birushaho guhuza n'imigambi ya Satani. Iyo igihe cyari cyavuzwe gihise, Umushukanyi akoza isoni kandi agasuzuguza abamamazaga iby'icyo gihe, kandi agashyira umugayo ku ikangura ry'ivugabutumwa bwo kugaruka kwa Kristo ryabayeho mu myaka ya 1843 na 1844. Amaherezo abakomeza kwizirika muri ubwo buyobe bazongera gushyiraho indi tariki yo kugaruka kwa Kristo mu gihe kizaza ariko cya kure. Bizabatera guturiza mu kwibeshya ko bafite umutekano kandi benshi bazabona barakerewe ko bashutswe.

Amateka y'Abisirayeli ba kera ni urugero rukomeye rw'ibyabaye ku Badiventisiti mu gihe cyashize. Imana yayoboye ubwoko bwayo mu murimo wo kubwiriza ubutumwa bwo kugaruka kwa Yesu Kristo nk'uko yayoboye Abana ba Isirayeli ibavana mu Misiri. Mu mubabaro ukomeye, ukwizera kwabo kwageragejwe nk'uko ukw'Abaheburayo kwageragerejwe ku Nyanja Itukura. Iyo bakomeza kwiringira ukuboko kwari kwaragiye kubayobora mu byagiye bibabaho, baba barabonye agakiza k'Imana. Iyaba abafatanyije mu murimo wakozwe mu mwaka wa 1884 bari barakiriye ubutumwa bwa marayika wa gatatu kandi bakabwamamazanya imbaraga ya Mwuka Muziranenge, Uwiteka aba yarakoreye bikomeye mu mwete bakoranaga. Umucyo mwinshi cyane uba wararasiye isi. Abatuye isi baba baramaze kuburirwa mu myaka myinshi ishize, umurimo uheruka uba warangiye kandi na Kristo aba yaramaze kuza gutwara ubwoko bwe.

Ntabwo byari ubushake bw'Imana ko Abisirayeli bazerera mu butayu imyaka 40; yashakaga kubayobora mu nzira itaziguye bagahita bagera i Kanani maze ikahabatuza nk'abantu batunganye kandi banezerewe. Ariko "ntibashoboye kwinjiramo kuko batizeye."[636] Kubw'ubuhakanyi bwabo no gusubira inyuma kwabo barimbukiye mu butayu, havuka abandi aba ari bo binjira mu Gihugu cy'Isezerano. Mu buryo nk'ubwo, ntabwo byari ubushake bw'Imana ko kugaruka kwa Kristo gutinda bene aka kageni ngo abantu bayo bagume muri iyi si y'icyaha n'agahinda imyaka myinshi ingana itya. Nyamara kutizera kwabatandukanyije n'Imana. Ubwo bangaga gukora umurimo Imana yabashinze, abandi barahagurukijwe kugira ngo bamamaze ubwo butumwa. Kubera imbabazi Imana ifitiye abatuye isi, Yesu atinze kugaruka kugira ngo abanyabyaha babone uburyo bwo kumva ubutumwa bw'imbuzi kandi bamuhungiremo umujinya w'Imana ugiye kuzasukwa.

Muri iki gihe nk'uko byagenze mu myaka ya kera, kwigisha ukuri gucyaha ibyaha n'ubuyobe byo muri iki gihe bizabyutsa kurwanywa. "Kuko umuntu wese ukora

636 Abaheburayo 3 : 19

ibibi yanga umucyo, kandi ntaza mu mucyo, ngo ibyo akora bitamenyekana."[637] Iyo abantu babonye ko batabasha gushyigikira ukuri kwabo bakoresheje Ibyanditswe Byera, benshi biyemeza kugushyigikiza amagambo gusa, kandi kubw'umwuka w'ubugome, bibasira imico n'imigambi by'abashyigikiye ukuri kutemerwa na benshi. Iyo ni yo gahunda yagiye ikurikizwa mu bihe byose. Eliya yavuzweho ko yateje ibyago Isirayeli, Yeremiya yagizwe umugambanyi, Pawulo yarezwe ko yahumanyije urusengero. Guhera icyo gihe kugeza ubu, abantu bagiye baba indahemuka ku kuri, bagiye barwanywa bakitwa abashukanyi, abayobe, cyangwa abateza amacakubiri. Imbaga y'abantu binangiye ku buryo badashobora kwemera ijambo ry'ubuhanuzi, bazemera badashidikanya ikirego kizashyirwa ku batinyuka gucyaha ibyaha bikorwa muri iki gihe. Uwo mwuka uzagenda urushaho kwiyongera. Na Bibiliya yigisha yeruye ko igihe kiri hafi ubwo amategeko y'igihugu azarwana n'amategeko y'Imana ku buryo umuntu wese uzumvira amategeko yose y'Imana azamaganwa kandi agahabwa ibihano nk'inkozi y'ibibi.

Mu gihe ibintu bimeze bityo, inshingano y'umubwirizabutumwa ni iyihe? Mbese azafata umwanzuro ko ukuri kudakwiriye kuvugwa bitewe n'uko akenshi ingaruka ukuri gutera ari ugukangurira abantu kwima amatwi cyangwa kurwanya ibyo kuvuga? Oya, nta mpamvu umuvugabutumwa afite zo guhisha ubuhamya bw'ijambo ry'Imana bitewe n'uko ngo byateza abantu guhaguruka bakaburwanya nk'uko abagorozi ba mbere na bo batagize izo mpamvu. Ubuhamya bwo kwizera bwatanzwe n'intungane n'abishwe bazira ukwizera kwabo bwanditswe kubw'inyungu z'ab'ibisekuru byagiye bikurikiraho. Izo ngero nzima z'ubutungane n'ubudahemuka bushikamye zatangiwe kugira ngo zitere ubutwari abahamagariwe guhaguruka bagahamya Imana muri iki gihe. Bahawe ubuntu n'ukuri, batabiherewe kubigira ibyabo bwite, ahubwo ari ukugira ngo, binyuze kuri bo, kumenya Imana bibashe kumurikira isi. Mbese Imana yahaye umucyo abagaragu bayo bo muri iki gihe? Nuko rero bakwiriye kuwumurikishiriza abatuye isi.

Mu bihe bya kera Imana yabwiye umuvugizi wayo iti: "Ariko ab'inzu ya Isirayeli ntibazakumvira, kuko nanjye banga kunyumvira." Nubwo bimeze bityo yaravuze iti: "Maze uzababwira amagambo yanjye, nubwo bazumva naho batakumva, kuko ari abagome bikabije."638 Iri tegeko rihabwa umugaragu w'Imana muri iki gihe ngo: "Shyira ejuru uvuge cyane, we kugerura; rangurura ijwi ryawe, ubwire ubwoko bwanjye ibicumuro byabwo, ubwire inzu ya Yakobo ibyaha byabo."[639]

Mu bushobozi bwose yaba yarahawe, umuntu wese wakiriye umucyo w'ukuri, afite iyo nshingano ikomeye nk'iyo umuhanuzi wo mu Bisirayeli yari afite, wa wundi ijambo ry'Uwiteka ryajeho rivuga riti: "Nuko rero, mwana w'umuntu, nagushyiriyeho kuba umurinzi w'umuryango wa Isirayeli, nuko wumve ijambo riva mu kanwa kanjye, ubanyihanangiririze. Nimbwira umunyabyaha nti: 'Wa munyabyaha we, gupfa ko uzapfa', maze nawe ntugire icyo uvuga cyo kuburira umunyabyaha ngo ave mu nzira ye, uwo munyabyaha azapfa azize ibyaha bye, ariko amaraso ye ni wowe nzayabaza. Ariko nuburira umunyabyaha ngo ahindukire ave

637 Yohani 3 : 20

638 Ezekiyeli 3 :7 ; 217

639 Yesaya 58:1.

mu nzira ye, nadahindukira ngo ave mu nzira ye, azapfa azize ibyaha bye, ariko weho, uzaba ukijije ubugingo bwawe.“ [640]

Inzitizi ikomeye ku kwemera no ku kwamamaza ukuri ni iy'uko bizamo ingorane no kurwanywa. Iyi ni yo ngingo yonyine irwanya ukuri abagushyigikiye batigeze bashobora kuvuguruza. Ariko ibyo ntibitinyisha abayoboke nyakuri ba Kristo. Ntabwo bategereza ko ukuri kubanza kwakirwa na benshi. Kubera ko baba bazi neza inshingano yabo, bemera kwikorera umusaraba ku bushake bwabo nk'uko intumwa Pawulo abona ko “kubabazwa kwacu kw'igihwayihwayi kw'akanya ka none kwiyongeranya kuturemera ubwiza bw'iteka ryose bukomeye;“ kandi nk'uko umukurambere wa kera “yatekereje yuko gutukwa bamuhora Kristo, ari ubutunzi buruta ubwo Abanyegiputa babitse bwose."[641]

Uko baba bizera kose, abarangamiye iby'isi bonyine ni bo bakora bakurikije amategeko ngengamikorere aho gukurikiza ihame mu by'idini. Dukwiriye guhitamo ukuri kuko ari ukuri maze ingaruka zabyo tukaziharira Imana. Abatuye isi bakeneye ivugururwa rikomeye rikozwe n'abantu bagendera ku mahame, bafite kwizera n'ubutwari. Bene abo ni bo bagomba gukora umurimo w'ubugorozi ukenewe muri iki gihe.

Uwiteka aravuga ati: "Nimunyumve, yemwe abazi gukiranuka, ishyanga rifite amategeko yanjye mu mitima yabo, ntimugatinye gutukwa n'abantu, kandi ntimugahagarikwe imitima n'ibitutsi byabo, kuko inyenzi zizabarya nk'uko zirya imyambaro, n'umuranda uzabarya nk'uko urya ubwoya bw'intama; ariko gukiranuka kwanjye kuzahoraho ibihe byose."[642]

IGICE CYA 27

UBUBYUTSE BWO MURI IKI GIHE

Ahantu hose ijambo ry'Imana ryagiye ribwirizwa mu buryo butunganye, umusaruro wagiye ukurikiraho wahamije ko rikomoka ku Mana. Mwuka w'Imana yajyanaga n'ubutumwa bwabwirizwaga n'abagaragu bayo, kandi iryo jambo ryabaga rifite imbaraga. Abanyabyaha bumvaga bakozwe ku mitima. Umucyo umurikira umuntu wese waje mu isi, urasira ahihishe ho mu mitima y'abantu, maze ibihishwe byakorerwaga mu mwijima bishyirwa ahagaragara. Bumvise batsinzwe mu ntekerezo zabo no mu mitima yabo. Bemejwe ibyerekeye icyaha, ubutungane ndetse n'urubanza ruzaza. Basobanukiwe ubutungane bwa Yehova maze batinyishwa no kuzahagaragara imbere y'Urondora imitima kandi bahamwa n'icyaha ndetse banduye. Batakanye akababaro kenshi bati: "Ninde wankiza uyu mubiri wigaruriwe n'urupfu?"

640 Ezekiyeli 33:7-9.
641 2 Abakorinto 4 :17, Abaheburayo 11 :26
642 Yesaya 51:7-8

Nuko ubwo bahishurirwaga umusaraba w'i Kaluvari n'igitambo kitagerwa cyatangiwe ibyaha by'abantu, basanze ko nta kindi gishobora kuba gihagije ngo gikureho ibicumuro byabo keretse ibyo Kristo yakoze; icyo cyonyine ni cyo gishobora kunga umuntu n'Imana. Bemeye Ntama w'Imana ukuraho ibyaha by'abari mu isi bafite kwizera kandi bicishije bugufi. Kubw'amaraso ya Yesu, "bababariwe ibyaha byose bakoze."

Abo bantu beze imbuto zikwiriye abihannye. Barizeye maze barabatizwa, bazukira kugendera mu bugingo bushya, bahinduka ibiremwa bishya muri Kristo Yesu; ntibongera gukurikiza irari rya kera, ahubwo kubwo kwizera Umwana w'Imana bagera ikirenge mu cye, bagaragaraho imico ye kandi bariyeza nk'uko na we yera. Ibyo bangaga kera noneho barabikunze kandi n'ibyo bakundaga barabyanga. Abibone n'abirarira bahindutse abagwaneza n'abafite imitima yicisha bugufi. Abapfapfa n'abirasi bahindutse abantu b'abanyamakenga n'abitonda. Abasuzugura ibyo kwizera bahindutse abantu bubaha, abasinzi bahinduka abantu birinda, kandi abahehesi baba abantu birinda. Ibigezweho by'isi bitagira umumaro byararetswe. Abakristo ntibababaye bagiharanira ”umurimbo w'inyuma, nko kuboha imisatsi, kwambara ibyakozwe mu izahabu cyangwa se imyambaro y'akarusho; ahubwo [bagize] umurimbo w'imbere mu mutima. Umurimbo udasaza w'ubugwaneza n'amahoro, . . .ufite agaciro gakomeye ku Mana.”[643] .

Ububyutse bwateye kwigenzura mu mitima no kwicisha bugufi. Bwaranzwe no guhamagara gukomeye kwararikaga umunyabyaha, kandi bigakorwa n'ababaga buzuye imbabazi bari bafitiye abo Kristo yaguze amaraso ye. Abagabo n'abagore basengaga binginga Imana kubwo agakiza k'abantu. Umusaruro w'ubwo bubyutse wagaragariye mu bantu batatinyaga kwiyanga no kwitanga, ahubwo bashimishwaga n'uko bikwiriye ko bababazwa kandi bakageragezwa kubwa Kristo. Abantu babonaga ko hari impinduka yabaye mu mibereho y'abizeraga izina rya Yesu Kristo. Abari babazengurutse bunguwe n'impinduka batezaga. Bateranyirizaga hamwe na Kristo, bakabiba muri Mwuka kugira ngo basarure ubugingo buhoraho.

Bashoboraga kuvugwaho aya magambo ngo: “Mwagize agahinda gatera kwihana.” "Burya agahinda gahuje n'ibyo Imana ishaka gatera umuntu kwihana kakamugeza ku gakiza, agahinda nk'ako nta mpamvu yo kukicuza. Naho agahinda gasanzwe ko muri iyi si kageza umuntu ku rupfu. Mbega ibyiza mwazaniwe n'agahinda gahuje n'ibyo Imana ishaka! Mbega umwete kabateye wo kwita ku byabaye ngo mwiregure! Mbega ukuntu kabateye kurakara no guhagarika umutima! Mbega ibyifuzo n'ishyaka kabateye ngo mwemere guhana uwagize nabi! Muri byose mwagaragaje ko muri abere muri urwo rubanza.”[644]

Uyu ni wo musaruro uva mu murimo wa Mwuka Muziranenge. Nta gihamya cy'uko umuntu yihanye by'ukuri keretse gusa iyo bimuteye guhinduka. Kwihana nyakuri gutera umuntu gutanga icyo yarahiriye, akagarura ibyo yibye, akihana ibyaha bye, agakunda Imana na bagenzi be, icyo gihe nibwo umunyabyaha abasha kumenya neza ko afitanye amahoro n'Imana. Mu myaka yashize uwo ni wo musaruro wakurikiraga ibihe by'ikangura mu by'iyobokamana. Bamenyekaniraga ku

643 1 Petero 3 : 3,4 (Bibiliya Ijambo ry›Imana)
644 2 Abanyakorinti 7 :9-11 Bibiliya Ijambo ry›Imana.

mbuto zabo, bakabita abahiriwe n'Imana kubw'agakiza k'abantu no kubwo kuzahura inyokomuntu.

Ariko amenshi mu mavugurura yo muri iyi minsi yagiye arangwa no guhabana bikomeye na kwa kwigaragaza k'ubuntu bw'Imana kwakurikiraga imirimo y'abagaragu b'Imana mu bihe bya kera. Ni iby'ukuri ko umuriro wo gukanguka ugurumana hirya no hino, abantu benshi bavuga ko bahindutse, kandi amatorero yuzuyemo abantu benshi; nyamara umusaruro uvamo uteye ku buryo utashingirwaho ngo umuntu yizere ko habayeho gukura mu bya Mwuka guhuje no gukura kw'amatorero. Umuriro ugurumana mu gihe gito maze ukazima bidatinze, bityo ugasiga umwijima w'icuraburindi uruta uwariho mbere.

Akenshi ububyutse bwababaye rusange buterwa no gukangura intekerezo z'abantu hakoreshejwe gukangura amarangamutima, gushyigikira urukundo rw'ibintu bishya kandi bidasanzwe bikangaranya abantu. Abihana muri ubwo buryo, baba bafite ubushake buke bwo kumva ukuri kwa Bibiliya ndetse no kudashishikarira ubuhamya bw'abahanuzi n'intumwa. Gahunda zo mu itorero ntizigera zibashishikaza keretse gusa iyo zirimo ikintu kidasanzwe kibakangura. Ubutumwa budakangura amarangamutima ntibugira icyo bubahinduraho. Imiburo yeruye itangwa n'ijambo ry'Imana yerekeranye n'ibyiza byabo bizahoraho, ntiyitabwaho.

Ku muntu wese wahindutse by'ukuri, kugirana isano n'Imana n'ibintu bizahoraho, ni byo bizaba ingingo y'ingenzi mu buzima. Ariko se mu matorero y'ibirangirire yo muri iki gihe, ni hehe hari umwuka wo kwiyegurira Imana? Usanga abizera batararetse ubwibone bwabo ndetse no gukunda iby'isi. Usanga badashaka kwiyanga no kwikorera umusaraba, kuruta uko bari bameze mbere y'uko bahinduka, ngo bakurikire Yesu w'umugwaneza kandi woroheje. Iyobokamana ryahindutse umukino w'abatizera n'abashidikanya kubera ko abantu benshi baryitirirwa batazi amahame yaryo. Imbaraga yo kubaha Imana isa n'iyenda gushira mu matorero menshi. Gukora ingendo zo kujya kwishimisha, amakinamico yo mu nsengero, ibitaramo, za tombora, kurimbisha amazu no kwibona byamaze kubuza abantu gutekereza Imana. Amasambu n'ubutunzi, ibyo abantu bakora muri iyi si ni byo byuzuye intekerezo z'abantu maze ibizahoraho bigahabwa agaciro gake.

Nubwo kwizera n'ubutungane byagabanutse hirya no hino, muri ayo matorero harimo abayoboke nyakuri ba Kristo. Mbere y'uko urubanza ruheruka rw'Imana rucirwa isi, mu bwoko bw'Imana hazabamo ububyutse bwo kubaha Imana k'umwimerere kutigeze kubaho uhereye mu bihe by'intumwa. Mwuka w'Imana n'imbaraga zayo bizasukwa ku bana bayo. Icyo gihe abantu benshi bazasohoka muri ayo matorero aho urukundo rw'iby'isi rwasimbuye gukunda Imana n'ijambo ryayo. Abantu benshi bo mu babwirizabutumwa n'abizera, bazemerana ibyishimo uko kuri gukomeye Imana yatumye kwamamazwa muri iki gihe kugira ngo gutegurire abantu kugaruka k'Umwami. Umwanzi w'abantu ashaka gukoma uwo murimo mu nkokora; kandi mbere y'uko igihe cyo kwamamaza uko kuri kigera, azashishikarira kuwubuza kubaho akoresheje kwinjiza ibyiganano. Muri ayo matorero umwanzi abasha gushyira munsi y'ubushobozi bwe bushukana, azatuma hagaragara ko hasutswe umugisha w'Imana udasanzwe. Hazagaragara icyo abantu bazatekereza ko ari ugukanguka gukomeye mu by'iyobokamana. Abantu benshi bazashimishwa cyane no kwibwira ko Imana iri kubakorera ibitangaza kandi mu by'ukuri uwo murimo uri gukorwa n'undi mwuka. Satani yiyoberanyije mu mwitero w'idini, azagerageza kwagura ubutware bwe aharangwa Ubukristo hose. Mu bubyutse bwinshi bwagiye bubaho mu kinyejana gishize, imbaraga nk'izo [za Satani] zagiye zikora ku rwego runini cyangwa se ruto. Izo mbaraga kandi zizigaragariza mu bikomeye bizabaho mu gihe kiri imbere. Hariho ugutwarwa gushingiye ku marangamutima, uruvange rw'ukuri n'ibinyoma rwateguriwe kuyobya abantu. Nyamara nta muntu n'umwe ukwiriye gushukwa. Mu mucyo w'ijambo ry'Imana, biroroshye gusobanukirwa n'iyo mikorere ya Satani. Ahantu hose abantu bahinyura ubuhamya bw'Ibyanditswe Byera, bagatera umugongo uko kuri kumvikana, gukora ku mutima kandi gusaba abantu kwitanga no kwitandukanya n'iby'isi, tumenye neza ko bene aho hantu nta migisha y'Imana hahabwa. Kandi ufatiye ku itegeko Kristo ubwo yatanze agira ati: "Muzabamenyera ku mbuto zabo,"[645] bigaragara neza ko iyo mikorere atari umurimo wa Mwuka w'Imana.

Mu kuri kw'ijambo ryayo, Imana ubwayo yihishuriye abantu; kandi abantu bose bemera uko kuri bafite ingabo ibakingira ubushukanyi bwa Satani. Kutita kuri uko kuri ni byo byakinguriye urugi ibibi biriho biba gikwira mu matorero yo mu isi. Kamere y'amategeko y'Imana ndetse n'akamaro kayo byaribagiranye ku rwego rukomeye. Imyumvire itari ukuri ku byerekeye kamere y'amategeko y'Imana, guhoraho iteka kwayo ndetse n'ibyo asaba, yayoboye abantu mu buyobe ku birebana no guhinduka no kwezwa, bityo ingaruka ziba izo kumanura urwego rw'ubutungane mu itorero. Aha ni ho hihishe ibanga ryo kubura kwa Mwuka w'Imana n'imbaraga zayo mu bubyutse bwo muri iki gihe cyacu.

Mu matorero menshi, harimo abantu bakomeje kurinda ubutungane bwabo babizirikana kandi bikababababaza cyane. Ubwo uwitwa Edwards A. Park yagaragazaga akaga mu by'idini kariho muri iki gihe, yaravuze ati: "Inkomoko imwe rukumbi y'ako kaga ni uko ababwiriza birengagiza gushimangira amategeko y'Imana. Mu bihe byashize uruhimbi rwarangururaga ijwi ry'umutimanama. . . Ababwiriza bacu b'imena, batangaga ubutumwa butangaje mu bibwirizwa byabo, bakurikizaga icyitegererezo cya Shebuja Kristo, bakerereza amategeko y'Imana, amabwiriza yayo ndetse n'ibihano bigenewe abatayubahiriza. Basubiragamo imvugo y'ingenzi y'uburyo bubiri ivuga ko, "amategeko ari inyandiko y'ubutungane bw'ijuru, kandi ko umuntu udakunda amategeko y'Imana aba adakunda n'ubutumwa bwiza; kubera ko amategeko y'Imana kimwe n'ubutumwa bwiza, ari indorerwamo igaragagaza imico nyakuri y'Imana. Akaga kayobora ku kandi ni ako gupfobya ububi bw'icyaha, ubugari bwacyo n'ingaruka zacyo. Ku ruhande rumwe, uko uburemere bw'ubutungane bw'amategeko buri ni ko ubwo kutayumvira na bwo buri. . .

Kuri ka kaga kavuzwe mbere, hiyongeraho akandi kaga ko gupfobya ubutabera bw'Imana. Ibibwirizwa byo muri iki gihe byerekeza ku gutandukanya ubutabera bw'Imana n'ubugiraneza bwayo, kumanura ubwo bugiraneza bugahindurwa amarangamutima mu cyimbo cyo kubwerereza ku rwego rw'ihame. Iyobokamana rigezweho ritandukanya icyo Imana yateranyije. Mbese amategeko y'Imana ni meza cyangwa ni mabi? Ni meza. Ku bw'ibyo rero, ubutabera ni bwiza kuko umugambi wabwo ari ukubahiriza amategeko. Kubwo kumenyera gupfobya amategeko

645 Matayo 7 :16

n'ubutabera by'Imana, ndetse no gupfobya kutumvira n'akaga by'abantu, mu buryo bworoshye, abantu bagwa mu kamenyero ko guha agaciro gake ubuntu bwatanze impongano y'icyaha.“ Bityo rero, bituma ubutumwa bwiza butakaza agaciro kabwo mu bwenge bw'abantu, maze bidatinze bakaba biteguye no kwirengagiza Bibiliya ubwayo.

Abigisha benshi mu by'idini bemeza bakomeje ko Kristo yakujeho amategeko urupfu rwe, kandi ko kubw'ibyo abantu batarebwa n'ibyo asaba. Hari bamwe bayafata nk'umutwaro uremereye cyane, maze mu buryo buhabanye n'ububata bwayo, bakigisha iby'umudendezo umuntu abasha kwishimira ari mu butumwa bwiza.

Nyamara uko si ko intumwa n'abahanuzi bafataga amategeko yera y'Imana. Dawidi yaravuze ati: "Kandi nzagendana umudendezo, kuko njya ndondora amategeko wigishije.“[646] Intumwa Yakobo wanditse nyuma y'urupfu rwa Yesu Kristo, yavuze ku mategeko cumi, ko “atunganye, atera umudendezo."[647] Kandi umuhishuzi nawe, hashize nk'imyaka 50 nyuma y'urupfu rwa Yesu, yavuze umugisha uzaba ku “bakurikiza amategeko y'Imana, kugira ngo bemererwe kwegera cya giti cy'ubugingo, kandi banyure mu marembo binjire muri rwa rurembo." [648]

Ibivugwa ko Kristo kubw'urupfu rwe yakuyeho amategeko ya Se, nta shingiro bifite. Iyo biza kuba bishoboka ko amategeko y'Imana ahinduka cyangwa akurwaho, ntibyari kuba ngombwa ko Kristo apfa kugira ngo akize umuntu igihano cy'icyaha. Urupfu rwa Kristo, aho kuba rwarakuyeho amategeko, ahubwo ruhamya ko amategeko y'Imana adakuka. Umwana w'Imana yazanywe no “kogeza amategeko no kuyubahiriza.“ Yaravuze ati: "Mwitekereza ko naje gukuraho amategeko;“ “kugeza aho ijuru n'isi bizashirira, amategeko ntazavaho inyuguti n’imwe cyangwa agace kayo gato."[649] Kandi no ku bimwerekeyeho Kristo ubwe yaravuze ati: "Mana yanjye nishimira gukora ibyo ukunda, ni koko amategeko yawe ari mu mutima wanjye."[650]

Muri kamere yayo, amategeko y'Imana ntahinduka kuko agaragaza ubushake n'imico by'Uwayashizeho. Imana ni urukundo, n'amategeko yayo na yo ni urukundo. Amahame abiri y'ingenzi ayo mategeko ashingiyeho ni ugukunda Imana no gukunda abantu. “Urukundo ni rwo rusohoza amategeko.“ Imico y'Imana ni ubutungane n'ukuri; iyo kandi ni nayo kamere y'amategeko yayo. Umunyazaburi aravuga ati: “Amategeko yawe ni ukuri;“ "ibyo wategetse byose ni ibyo gukiranuka.“[651] Intumwa Pawulo aravuga ati: “Noneho amategeko ni ayera, ndetse n'itegeko ryose ni iryera, rirakiranuka ni ryiza." (Abaroma 7:12). Kuba bene aya mategeko agaragaza imico n'ubushake by'Imana, ahoraho nk'Uwayashyizeho.

Guhinduka no kwezwa ni byo bihuza abantu n'Imana bikabatera gukurikiza amahame y'amategeko y'Imana. Mu itangiriro, Imana yaremye umuntu ku ishusho yayo. Uwo muntu yari ahuje rwose na kamere y'Imana ndetse n'amategeko yayo; amahame y'ubutungane yari yanditswe mu mutima we. Ariko icyaha

646 Zaburi 119 : 45
647 Yakobo 2 :
648 2 Abatesalonike 2:10-12
649 Yesaya 42:21; Matayo 5:17,18.
650 Zaburi 40:8
651 Zaburi 119:142, 172

cyamutandukanyije n'Umuremyi we. Ntiyongeye kurangwaho ishusho y'Imana. Umutima we warwanyaga amahame y'amategeko y'Imana. "Kuko umutima wa kamere ari umwanzi w'Imana, kuko utumvira amategeko y'Imana, ndetse ntushobora kuyumvira." (Abaroma 8:7). Ariko "kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga umwana wayo w'ikinege," kugira ngo umuntu abashe kungwa n'Imana. Binyuze mu byo Kristo yakoze, umuntu abasha kongera kungwa n'Umuremyi we. Umutima we ugomba kugirwa mushya n'ubuntu bw'Imana; agomba kugira imibereho mishya ikomoka mu ijuru. Uku guhinduka ni ko kwitwa kubyarwa ubwa kabiri, uko Yesu avuga ati: “utabyawe ubwa kabiri ntabasha kubona ubwami bw'Imana.“

Intambwe ya mbere mu kwiyunga n'Imana, ni ukwemera icyaha. "Icyaha ni ukwica amategeko." "Kuko amategeko ari yo amenyekanisha icyaha."[652] Kugira ngo amenye icyaha cye, umunyabyaha agomba kugenzuza ubutungane bwe urugero ruhanitse rw'ubutungane bw'Imana. Amategeko y'Imana ni indorerwamo yerekana ubutungane bw'imico kandi ikabashisha umuntu gusobanukirwa n'intege nke agira.

Amategeko ahishurira umuntu ibyaha bye, ariko nta muti wo kubikira atanga. Mu gihe amategeko asezeranira ubugingo uyumvira anavuga ko umugabane w'utayumvira ari urupfu. Ubutumwa bwiza bwa Kristo bwonyine ni bwo bushobora gukiza umuntu gucirwaho iteka cyangwa kwanduzwa n'icyaha. Agomba kwihana ku Mana yiciye amategeko; akizera Kristo, we gitambo kimweza. Bityo rero, umunyabyaha “ababarirwa ibyaha byose yakoze mu bihe byashize“ maze agahinduka umuragwa wa kamere y'Imana. Kuva icyo gihe ahinduka umwana w'Imana kuko yakiriye umwuka umuhindura umwana w'Imana umutakisha agira ati: "Abba Data!"

None se ubwo aba ahawe umudendezo wo kugomera amategeko? Pawulo aravuga ati: ”Mbese none duhinduze ubusa amategeko kwizera? Ntibikabeho! Ahubwo turayakomeza.” "Mbese twebwe abapfuye ku byaha, twakomeza kuramira muri byo dute?" Kandi Yohana na we aravuga ati: "Kuko gukunda Imana ari uku: ari uko twitondera amategeko yayo, kandi amategeko yayo ntarushya.”[653]

Mu kuvuka bundi bushya, umutima wiyunga n'Imana kandi ukumvira amategeko yayo. Iyo izi mpinduka zikomeye zabaye ku munyabyaha, aba avuye mu rupfu ageze mu bugingo, avuye mu cyaha ageze mu butungane, avuye mu kwica amategeko y'Imana no mu bwigomeke ageze mu kumvira no kuyoboka Imana. Imibereho ya kera yo kwitandukanya n'Imana iba ishize maze hagatangira imibereho mishya y'ubwiyunge, kwizera n'urukundo. Maze "gukiranuka kw'amategeko" kugasohorezwa muri twe, ”abadakurikiza ibya kamere y'umubiri, ahubwo bakurikiza iby'Umwuka.” (Abaroma 8:4). Bityo imvugo y'umuntu izaba iyi ngo: "Mbega ukuntu nkunda amategeko yawe! Ni yo ntekereza umunsi ukira." (Zaburi 119:97).

"Amategeko y'Uwiteka atungana rwose, asubiza intege mu bugingo." (Zaburi 19:7) Hatariho amategeko, abantu ntibamenya neza ubutungane no kwera by'Imana cyangwa ngo bamenye ibicumuro byabo n'uburyo badatunganye. Ntabwo bakwemezwa ibyaha byabo mu buryo nyakuri kandi ngo bumve ko

652 1Yohana 3:4; Abaroma 3:20.
653 Abaroma 3:31; 6:2; 1Yohana 5:3.

bakeneye kwihana. Kuba batabona ko bazimiye kubwo kwica amategeko y'Imana, ntibanumva ko bakeneye amaraso ya Kristo akuraho ibyaha. Bakira ibyiringiro by'agakiza ariko batahindutse byimbitse mu mitima, habe no guhinduka k'ubugingo. Uku ni ko guhinduka kw'amajyejuru kwiganza cyane, kandi imbaga y'abantu benshi binjira mu itorero nyamara batarigeze bifatanya na Kristo.

Inyigisho z'ibinyoma zerekeye kwezwa, kandi zikomoka mu gusuzugura no kwirengagiza amategeko y'Imana, zifite umwanya w'ingenzi mu matorero yo muri iki gihe. Izo nyigisho ni ibinyoma mu mahame yazo kandi ingaruka zazo ziteza akaga. Kuba muri rusange zakirwa neza n'abazumva, bituma birushaho kuba ngombwa ko abantu bose basobanukirwa neza n'icyo Ibyanditswe Byera byigisha kuri iyo ngingo.

Kwezwa nyakuri ni inyigisho ya Bibiliya. Intumwa Pawulo mu rwandiko yandikiye Abanyatesaloniki yaravuze ati: "Icyo Imana ishaka ni iki: ni ukwezwa kwanyu." Anasenga agira ati: "Imana y'amahoro ibeze rwose."[654] Bibiliya yigisha neza icyo kwezwa ari cyo ndetse n'uburyo kugerwaho. Umukiza yasabiye abigishwa be ati: "ubereshe ukuri: Ijambo ryawe ni ryo kuri."(Yohana 17:17). Na none kandi Pawulo yigisha ko abizera bagomba "kwezwa na Mwuka Muziranenge." (Abaroma 15:16). Umurimo wa Mwuka Muziranenge ni uwuhe? Yesu yabwiye abigishwa be ati: "Uwo Mwuka w'ukuri naza, azabayobora mu kuri kose." Umunyazaburi nawe yaravuze ati: "Amategeko yawe ni ukuri." Amahame akomeye y'ubutungane aboneka mu mategeko y'Imana ahishurirwa abantu na Mwuka Muziranenge n'ijambo ry'Imana. Kandi kubera ko amategeko y'Imana yera, atunganye kandi akaba meza, akaba ari inyandiko igaragaza ubutungane bw'Imana, igikurikiraho ni uko imico ibyarwa no kumvira ayo mategeko nayo izaba yera. Kristo ni we cyitegererezo gitunganye kigaragaza iyo mico. Yaravuze ati: "Nitondeye amategeko ya Data." "Mpora nkora ibyo Data ashima." (Yohana 15:10; 8:29). Abayoboke ba Kristo bagomba guhinduka nka we, kubw'ubuntu bw'Imana bakagira imico ihuje n'amabwiriza y'amategeko yayo yera. Uko ni ko kwezwa Bibiliya yigisha.

Uyu murimo ushoboka gusa kubwo kwizera Kristo no kubw'imbaraga ya Mwuka w'Imana uba mu muntu. Pawulo yihanangirije abizera ati: "Musohoze agakiza kanyu mutinya, muhinda umushitsi. Kuko Imana ari yo ibatera gukora no gukunda ibyo yishimira."[655] Umukristo azumva imbaraga imusunikira gukora icyaha, ariko azakomeza kukirwanya adacogora. Aho niho ubufasha bwa Kristo buba bukenewe. Intege nke za kimuntu ziyunga n'imbaraga z'Imana, maze uwizera agatangara avuga ati: "Ariko Imana ishimwe iduha kunesha kubw'Umwami wacu Yesu Kristo." (1Abakorinto 15:57)

Ibyanditswe Byera byerekana byeruye ko umurimo wo kwezwa ari umurimo ukomeza. Iyo umunyabyaha yihannye agirana amahoro n'Imana binyuze mu maraso ya Kristo akuraho ibyaha maze imibereho ya gikristo igatangira ubwo. Ubwo nibwo afata urugendo rwo "kugera ku gutunganywa;" agakura "kugeza ubwo azagera ku rugero rw'igihagararo cya Kristo." Intumwa Pawulo yaravuze ati: "Ariko kimwe cyo, nibagirwa ibiri inyuma, ngasingira ibiri imbere, ndamaranira kugera aho

654 1Abatesalinike 4:3; 5:23.

655 Abafilipi 2:12,13

dutanguranwa, ngo mpabwe ingororano zo guhamagara kw'Imana muri Kristo Yesu kwavuye mu ijuru."[656] Kandi na Petero atwereka intambwe ziterwa ngo umuntu agere ku kwezwa kuvugwa na Bibiliya:

"Ibyo abe ari byo bituma mugira umwete wose; kwizera mukongereho ingeso nziza; ingeso nziza muzongereho kumenya; kumenya mukongereho kwirinda; kwirinda mukongereho kwihangana; kwihangana mukongereho kubaha Imana, kubaha Imana mukongereho gukunda bene Data, gukunda bene Data mukongereho urukundo. . . Kuko nimukora ibyo, ntabwo muzasitara na hato." [657]

Abarangwaho uko kwezwa kuvugwa ba Bibiliya bagaragaza umwuka wo kwicisha bugufi. Nk'uko byabaye kuri Mose, babonye icyubahiro cy'Imana yera, bityo basobanukirwa neza n'imibereho yabo itandukanye by'ihabya no kwera no gutungana by'Imana Ihoraho.

Umuhanuzi Daniyel yari icyitegererezo cyo kwezwa nyakuri. Imibereho ye y'igihe kirekire yaranzwe n'umurimo uboneye yakoreraga Shebuja. Yari umugabo ukundwa n'Imana cyane.(Daniyeli 10:11). Nyamara ubwo yingingiraga Imana ubwoko bwe, aho kugira ngo avuge ko atunganye kandi yera, uyu muhanuzi wubahwaga yisanishije n'abanyabyaha ruharwa bo muri Isirayeli ya kera. Yarasenze ati: "Ntitubigushyize imbere twishingikirije ku gukiranuka kwacu, ahubwo ni kubw'imbabazi zawe nyinshi." "Twaracumuye dukora nabi." Na none kandi aravuga ati: "Nuko nkivuga, nsenga natura ibyaha byanjye n'iby'ubwoko bwanjye bw'Abisirayeli." Nyuma y'aho ubwo Umwana w'Imana yamubonekeraga aje kugira ibyo amwereka, Daniyeli abivugaho atya ati: "Ubwiza bwanjye bwampindukiyemo ububore, ndatentebuka." [658]

Ubwo Yobu yumvaga ijwi ry'Imana mu nkubi y'umuyaga, yaravuze ati: "Ni cyo kinteye kwizinukwa, nkaba nihannye, nigaragura mu mukungugu no mu ivu."[659] Igihe Yesaya yabonaga ubwiza bw'Imana maze akumva ijwi rirenga ry'abakerubi basingiza Imana bati: "Uwiteka Nyiringabo arera, arera, arera, . . ." ni bwo yatatse ati: "Mbonye ishyano, ndapfuye, kuko nanduye." Pawulo amaze kuzamurwa akajyanwa mu ijuru rya gatatu maze akumva ibintu umuntu atabasha kurondora, yiyise "uworoheje hanyuma y'abera bose." Yohana ukundwa wahoraga mu gituza cya Yesu kandi witegereje ikuzo rye, ni we waguye imbere ya marayika maze amera nk'upfuye.[660]

Abagendera munsi y'umusaraba w'i Kaluvari ntibashobora na rimwe kwishyira hejuru cyangwa kwirata ko bamaze gucika ingoyi y'icyaha. Bazirikana ko ibyaha byabo ari byo byateje umubabaro ukomeye wamenye umutima w'Umwana w'Imana, kandi iki gitekerezo kizabatera kwicisha bugufi. Ababa hafi ya Yesu basobanukirwa neza intege nke ndetse n'ubunyacyaha (kamere ihora ihengamiye ku cyaha) by'inyokomuntu, bityo ibyiringiro byabo rukumbi biri mu byo Umukiza wabambwe akazuka yakoze.

Muri iki gihe ukwezwa kwamamaye mu isi ya Gikristo kujyanirana n'umwuka

656 Abafilipi 3:13,14.

657 2Petero 1:5-10.

658 Daniyeli 9:18, 15, 20; 10:8

659 Yobu 42:6

660 2Abakorinto 12:2-4; Abefeso 3:8; Ibyahishuwe 1:17.

wo kwishyira hejuru no kwirengagiza amategeko y'Imana. Bene uko kwezwa ntikugaragara mu byo Bibiliya yigisha. Abamamaza uko kwezwa bigisha ko ari umurimo ukorwa mu kanya gato bikaba birangiye, kandi ko kubwo kwizera konyine, uwo murimo ubageza ku butungane bwuzuye. Baravuga bati: "Izere gusa, bityo umugisha ni uwawe." Uwakira uko kwezwa nta wundi mwete asabwa kugira. Na none kandi bahakana ububasha bw'amategeko y'Imana, bakavuga ko babatuwe ku nshingano yo kubahiriza amategeko. Ariko se, byashoboka ko umuntu yaba uwera, ahuje n'ubushake bw'Imana n'imico yayo nyamara atagendana n'amategeko agaragaza kamere yayo n'ubushake bwayo, ndetse akerekana ibiyishimisha?

Kwifuza idini ryorohereza abantu, ridasaba umuhati, kwigomwa no kwiyanga ndetse no kwitandukanya n'iby'isi, byatumye habaho imyizerere yabaye gikwira ari yo myizerere yo kwizera, kwizera gusa. Ariko se ijambo ry'Imana ryo ryavuze iki? Intumwa Yakobo aravuga ati: "Mbese bene Data, byavura iki, niba umuntu avuga yuko afite kwizera, nyamara akaba ari nta mirimo akora? Bene uko kwizera kwabasha kumukiza?. . . Wa muntu utagira imirimo we, ntuzi yuko kwizera kutagira imirimo ari imfabusa? Mbese sogokuruza Aburahamu ntiyatsindishirijwe n'imirimo, ubwo yatangaga Isaka umwana we ngo atambwe ku gicaniro? Ubonye yuko kwizera kwafatanije n'imirimo ye, kandi ko kwizera kwe kwatunganijwe rwose n'imirimo ye? . . . Mubonye yuko umuntu atsindishirizwa n'imirimo, adatsindishirizwa no kwizera gusa."[661]

Ibyo ijambo ry'Imana rihamya bivuguruza iyi nyigisho igusha abantu mu mutego ivuga ibyo kwizera kutagira imirimo. Ntabwo ukwizera ari ko gusaba guhabwa ibyiza by'ijuru nyamara nta kuzuza ibyangombwa bishingirwaho mu gutanga imbabazi. Ukwibeshya ni ko gukora ibyo kuko ukwizera nyakuri gushingiye ku masezerano y'Ibyanditswe Byera ndetse no ku cyo byigisha.

Nimutyo he kugira umuntu n'umwe wibeshya yizera ko ashobora kuba uwera mu gihe yica nkana rimwe mu mategeko y'Imana. Gukora icyaha ukizi bicecekesha ijwi rihamya rya Mwuka Muziranenge maze bigatandukanya umuntu n'Imana. "Icyaha ni ukugomera amategeko." "Ukora ibyaha wese ntiyamubonye kandi ntiyamumenye." (1Yohana 3:6). Nubwo Yohana mu nzandiko ze yibanda ku rukundo, nyamara ntabwo ashidikanya ku kugaragaza imico nyakuri ya rya tsinda ry'abantu bavuga ko bejejwe kandi mu mibereho yabo bagomera amategeko y'Imana. "Uvuga ko amuzi, ntiyitondere amategeko ye, ni umubeshyi, ukuri ntikuri muri we. Ariko umuntu wese witondera ijambo rye, urukundo akunda Imana ruba rumaze gutunganirizwa rwose muri we."[662] Uru ni rwo rugero ngenderwaho mu kugenzura ibyo buri muntu avuga. Ntabwo dushobora kwemeza ko umuntu ari intungane kandi tutamushyize ku gipimo kigaragaza urugero rumwe rukumbi rw'ubutungane bw'Imana mu ijuru no mu isi. Niba abantu batumva uburemere bw'amategeko, niba bakerensa kandi bagaha agaciro gake amabwiriza y'Imana, niba bica itegeko rimwe ryoroheje muri yo kandi bakigisha abandi kugenza batyo, nta gaciro bazaba bafite mu maso y'Ijuru, kandi dukwiriye kumenya ko ibyo bihamya nta shingiro bifite.

Iyo umuntu avuga ko nta cyaha afite byo ubwabyo ni igihamya cy'uko ntaho

661 Yakobo 2:14-24.

662 1Yohana 2:4,5.

ahuriye n'ubutungane. Ibyo abiterwa n'uko adasobanukiwe ubutungane butagerwa ndetse no kwera by'Imana, cyangwa se akaba atazi uko abazaba batanyuranya n'imico y'Imana bagomba kumera. Bitewe n'uko uwo muntu adasobanukiwe neza n'ubutungane n'ubwiza bya Yesu habe no kumenya ubuhendanyi n'ububi by'icyaha, bene uwo ashobora kubona ko ari intungane. Uko intera imutandukanya na Kristo irushaho kwiyongera, ni ko arushaho kudasobanukirwa imico y'Imana n'ibyo isaba, kandi ni ko arushaho kwireba ubwe agasanga ari intungane.

Ukwezwa kuvugwa mu Byanditswe Byera gukomatanya impagarike yose y'umuntu: umwuka, ubugingo n'umubiri. Pawulo yasabiye Abanyatesaloniki ngo "umwuka wabo n'ubugingo n'umubiri birindwe, bitazabaho umugayo kugeza ubwo Umwami wacu Yesu Kristo azazira." (1Abatesaloniki5:23). Yongera kwandikira abizera ati: "Nuko rero bene Data ndabinginga kubw'imbabazi z'Imana, ngo mutange imibiri yanyu, ibe ibitambo bizima byera bishimwa n'Imana."[663] Mu gihe cy'Abisirayeli ba kera, ituro ryose ryazanwaga ari igitambo batura Uwiteka, ryagombaga gusuzumanwa ubwitonzi. Iyo hagiraga ubusembwa buboneka kuri iryo tungo, ntiryemerwaga bitewe n'uko Imana yari yarategetse ko bazajya bayitura ituro “ridafite inenge.“ Bityo, Abakristo nabo bakwiriye gutanga imibiri yabo ari “ibitambo bizima, byera, bishimwa n'Imana.“ Kugira ngo ibyo bishoboke, imbaraga zabo zikwiriye kurindwa ku buryo bwose bwiza bushoboka. Igikorwa cyose gica intege imbaraga z'umubiri n'iz'intekerezo gitera umuntu kuba adakwiriye gukorera Umuremyi we. Mbese Imana yashimishwa n'ikintu icyo ari cyo cyose uretse icyiza kiruta ibindi dushobora gutanga? Yesu yaravuze ati: "Ukundishe Uwiteka Imana yawe umutima wawe wose." Abakundisha Uwiteka umutima wose, bazifuza kumukorera icyiza kiruta ibindi mu mibereho yabo, kandi bazahora bashishikarira gutuma imbaraga zose z'ubugingo bwabo bihuza n'amategeko kandi Mwuka Muziranenge azakangurira ubushobozi bwabo gukora ibyo Imana ishaka. Kubwo gushaka guhaza ipfa n'irari ry'umubiri, ntabwo bazigera batera intege nke cyangwa ngo banduze ituro batura Se wo mu ijuru.

Intumwa Petero aravuga ati: "Mwirinde irari ry'umubiri ry'uburyo bwinshi rirwanya ubugingo." (1 Petero 2:11). Icyaha cyose kigusha ikinya ubushobozi bw'umuntu kandi cyikica imyumvire mu by'ubwenge n'iby'umwuka bityo ijambo ry'Imana na Mwuka wayo ntibishobore gukora ku mutima. Pawulo yandikira Abanyakorinti avuga ati: "Twiyezeho imyanda yose y'umubiri n'umutima, tugende twiyejesha rwose kubaha Imana.“ (2 Abakorinto 7:1). Kandi ku mbuto z'Umwuka: “urukundo, ibyishimo, amahoro, kwihangana, kugira neza, ingeso nziza, ukwizera no kugwa neza," yongeyeho “kwirinda.“ (Abagalatiya 5:22, 23).

Nubwo hari aya magambo yahumetswe n'Imana, ni abantu bangahe bavuga ko ari Abakristo baca intege imbaraga zabo kubwo gukurikirana inyungu cyangwa gutwarwa n'ibigezweho? Ni abantu bangahe banduza ishusho y'Imana bafite babinyujije mu kugwa ivutu, kunywa ibisindisha ndetse no kujya mu binezeza bibuzanyijwe! Kandi itorero naryo aho kugira ngo ricyahe, akenshi rishyigikira ikibi ryemerera abantu guhaza irari ryabo ry'inda, kurarikira inyungu cyangwa gukunda ibibanezeza kugira ngo risibe icyuho kiri mu butunzi bwaryo kidashobora kuzuzwa

663 Abaroma 12:1

n'urukundo bakunda Kristo. Yesu aramutse yinjiye mu matorero yo muri iki gihe maze akabona ibirori n'ubucuruzi bwanduye bihakorerwa mu izina ry'itorero, mbese ntiyakwirukana abo batesha agaciro itorero nk'uko yirukanye abavunjiraga mu rusengero?

Intumwa Yakobo avuga yuko ubwenge buva mu ijuru, irya mbere "buba buboneye." Mbese iyo iyi ntumwa iza guhura n'abo bantu bavugisha izina ry'icyubahiro rya Yesu iminwa yandujwe n'itabi, abantu bafite umwuka n'impagarike byandujwe n'umunuko w'itabi, kandi banduza umwuka wo mu kirere ndetse bagatera ababakikije bose guhumeka uburozi, - mbese iyo Yakobo abona inyifato inyuranyije n'ubutungane buvugwa mu butumwa bwiza, aho ntiyajyaga kuyirwanya akavuga ko ari inyifato "y'isi, y'irari ry'umubiri kandi ko ikomoka kuri Satani"? Ababaswe n'itabi, bavuga ko bafite umugisha wo kwezwa, barata ko bafite ibyiringiro by'ijuru; nyamara ijambo ry'Imana rivuga ryeruye ko "muri ryo hatazinjira ikintu gihumanya." (Ibyahishuwe 21:27).

"Mbese ntimuzi yuko imibiri yanyu ari insengero z'Umwuka Wera, uri muri mwe, uwo mufite wavuye ku Mana? Kandi ntimuri abanyu ngo mwigenge; kuko mwaguzwe igiciro. Nuko rero mutume imibiri yanyu ihimbaza Imana."[664] Umuntu wese weguriye umubiri we kuba urusengero rwa Mwuka Muziranenge, ntabwo azabatwa n'ingeso mbi. Imbaraga ze azikesha Kristo wamuguze amaraso ye. Ibyo atunze ni iby'Uwiteka. Mbese yabura ate kubarwaho icyaha igihe apfusha ubusa ibyo yaragijwe? Buri mwaka abiyita Abakristo batagaguza amafaranga menshi ku bitagira umumaro kandi bihumanya mu gihe abantu benshi barimbuka bazira kubura ijambo ry'ubugingo. Biba Imana icyacumi n'amaturo mu gihe ku gicaniro cyo kurimbura irari baharira ibirenze ibyo batanga mu gufasha abakene cyangwa mu gushyigikira umurimo w'ubutumwa bwiza. Iyaba abantu bose biyita abayoboke ba Kristo bari bejejwe mu by'ukuri, mu cyimbo cyo gutagaguza ubutunzi bwabo ku bitagira umumaro ndetse no kwinezeza mu buryo bwangiza, ubwo butunzi bwajyanwa mu mutungo w'Uwiteka, kandi Abakristo batanga urugero rwiza ku byo kwirinda, kwiyanga no kwitanga. Bityo baba umucyo w'isi.

Abatuye isi birunduriye mu binezeza imibiri yabo. "Irari ry'umubiri, irari ry'amaso no kwibona ku by'ubugingo", ni byo bisigaye biyobora imbaga nyamwinshi y'abantu. Ariko abayoboke ba Kristo bo, bahamagariwe kuba abera. "Muve hagati ya ba bandi, mwitandukanye, ni ko Uwiteka Ushobora byose avuga, kandi ntimugakore ku kintu cyose gihumanye." Mu mucyo w'ijambo ry'Imana, dushobora guhamya tudashidikanya ko kwezwa kudatera umuntu kwitandukanya rwose n'ibyifuzwa by'ibyaha ndetse no guhaza irari ry'iby'isi, atari ukwezwa nyakuri.

Abantu buzuje ibi bisabwa ngo: "Nuko muve hagati ya ba bandi . . . kandi ntumugakore ku kintu cyose gihumanye," Imana ibaha iri sezerano ngo: "Nzabakira, kandi nzababera So, namwe muzambera abahungu n'abakobwa, ni ko Uwiteka Ushoborabyose avuga."[665] Kumenya neza no gukungahara mu by'Imana, ni amahirwe ndetse n'inshingano bya buri Mukristo wese. Yesu yaravuze ati: "Ni jye mucyo w'isi: unkurikira ntazagenda mu mwijima na hato, ahubwo azaba afite

664 1 Abakorinto 6:19,20.
665 2Abakorinto 6:17,18
666 Yohana 8:12

umucyo w'ubugingo."[666] "Ariko inzira y'umukiranutsi ni nk'umuseke utambitse, ugakomeza gukura ukageza ku manywa y'ihangu."[667] Intambwe yose yo kwizera no kumvira yegereza umuntu komatana na Kristo we Mucyo w'isi, we "utarangwamo umwijima na muke." Imyambi irabagirana ya Zuba ryo Gukiranuka irasira abagaragu b'Imana, bityo na bo bagomba kumurikishiriza abandi imirasire Ye. Nk'uko inyenyeri zitwereka ko mu kirere hari umucyo mwinshi ufite ubwiza uzitera kurabagirana, ni ko n'Abakristo bakwiriye kwerekana ko hariho Imana yicaye ku ntebe ya cyami mu isanzure, ifite imico ikwiriye gusingizwa no kwiganwa. Ubuntu buva kuri Mwuka wayo, ukubonera n'ubutungane by'imico ya Yo bizagaragarira mu bahamya bayo.

Mu rwandiko Pawulo yandikiye Abanyakolosi, agaragaza imigisha myinshi yahawe abana b'Imana. Yaranditse ati: "Ni cyo gituma tudasiba kubasabira, uhereye igihe twabyumviye, twifuza ko mwuzuzwa ubwenge bwose bw'Umwuka no kumenya kose, ngo mumenye neza ibyo Imana ishaka, mugende nk'uko bikwiriye ab'Umwami wacu, mumunezeze muri byose, mwere imbuto z'imirimo myiza yose, kandi mwunguke kumenya Imana, mukomereshejwe imbaraga zose, nk'uko ubushobozi bwayo bw'icyubahiro bungana, ngo mubone uko mwiyumanganya muri byose mukihanganana ibyishimo."[668]
Yongera kwandikira Abanyefezi, agira ngo bene Data bo muri Efezi bagere ku rugero rwo gusobanukirwa neza n'ubugari bw'amahirwe y'abakristo. Yabagaragarije neza imbaraga itangaje n'ubumenyi bakwiriye guhabwa nk'abahungu n'abakobwa b'Imana Ishobora byose. Bahawe "gukomezwa cyane mu mitima yabo kubw'Umwuka we, bahabwa gushora imizi no gukurira mu rukundo, kumenyera hamwe n'abera bose ubugari n'uburebure bw'umurambararo n'uburebure bw'igihagararo, n'uburebure bw'ikijyepfo bwarwo, ubwo ari bwo, mumenye n'urukundo rwa Kristo ruruta uko rumenywa." "Ariko isengesho ry'intumwa Pawulo rirashyira rikagera ku ntego yaryo, ubwo yasengaga ati "Ngo mwuzuzwe kugeza ku kuzura kw'Imana."

Na none kandi Pawulo yanditse ku cyifuzo cye cy'uko abizera bo muri Efeso bakwiriye gusobanukirwa ugukomera kw'amahirwe Umukristo afite. Mu mvugo yumvikana neza, abagaragariza imbaraga itangaje ndetse n'ubwenge babasha kugira nk'abana b'Isumbabyose. Byari ibyabo "gukomezwa cyane mu mitima yabo kubw'Umwuka we," "gushorera imizi mu rukundo bakaba bashikamye," "kumenyera hamwe n'abera bose ubugari n'uburebure bw'umurambararo, n'uburebure bw'igihagararo, n'uburebure bw'ikijyepfo; no kumenya urukundo rwa Kristo ruruta uko rumenywa." Ariko isengesho rigera ku bushorishori bw'ayo mahirwe igihe asenga avuga ati: "Ngo mwuzuzwe kugeza ku kuzura kw'Imana."[669]

Aha turahishurirwa ingero zo hejuru dukwiriye kugeraho kubwo kwizera amasezerano ya Data wo mu ijuru igihe twuzuje ibyo adusaba. Kubw'ibyo Kristo yakoze, dufite uburenganzira bwo kwegera intebe y'Ishoborabyose. "Itimanye umwana wayo, ahubwo ikamutanga ku bwacu twese, izabura ite kumudahana n'ibindi byose?" (Abaroma 8:32). Imana Data yahaye Mwuka we Mwana ku rugero rutagerwa, kandi natwe tubasha kugira uruhare kuri uwo mwuzuro. Yesu aravuga

667 Imigani 4:18
668 Abakolosayi 1:9-11.
669 Abefeso 3:16-19.

ati: "None se, ko muzi guha abana banyu ibyiza, kandi muri babi, So wo mu ijuru ntazarushaho rwose guha Umwuka Wera abamumusabye?" "Icyo muzasaba cyose mu izina ryanjye, nzagikora." "Musabe muzahabwa kugira ngo umunezero wanyu ube wuzuye.“ [670]

Nubwo imibereho ya Gikristo izarangwa no kwicisha bugufi, ntikwiriye kubamo kwitangira itama, cyangwa kwitesha agaciro. Ni amahirwe ya buri wese kubaho mu buryo Imana yemera kandi igaha umugisha. Ntabwo ari ubushake bwa Data wo mu ijuru ko duhora dusa n'abaciriweho iteka kandi tubundikiwe n'umwijima. Nta gihamya cyo kwicisha bugufi nyakuri cyaba kiriho igihe umuntu agenda yubitse umutwe kandi afite umutima wuzuye ibitekerezo by'inarijye. Dukwiriye gusanga Yesu tukezwa, tugahagarara imbere y'amategeko tudafite isoni cyangwa ikimwaro. "Nuko rero noneho abari muri Kristo Yesu nta teka bazacirwaho: abagenda badakurikiza kamere, ahubwo bakurikiza iby'Umwuka.“[671]

Kubwa Yesu, abana ba Adamu bacumuye bahinduka “abana b'Imana.“ "Kuko uweza n'abezwa bose bakomotse kuri Imwe; ni cyo gituma adakorwa n'isoni zo kubita bene Se.“[672] Imibereho y'Umukristo ikwiriye kuba iyo kwizera, insinzi ndetse no kwishimira mu Mana. “Icyabyawe n'Imana cyose kinesha iby'isi: kandi uku ni ko kunesha kwanesheje iby'isi, ni ukwizera kwacu.“ 1Yohana 5:4. Umugaragu w'Imana Nehemiya yabivuze mu kuri agira ati: "Kwishimana Uwiteka ni zo ntege zanyu." Na Pawulo aravuga ati: "Mujye mwishimira mu Mwami wacu iminsi yose. Yewe! nongeye kubivuga nti: "Mwishime." "Mwishime iteka, musenge ubudasiba, mu bibaho byose muhore mushima, kuko ibyo ari byo Imana ibashakaho muri Kristo Yesu." [673]

Izo ni zo mbuto zo guhinduka no kwezwa Bibiliya ivuga. Nyamara kuba izo mbuto zidakunze kuboneka biterwa n'uko usanga Abakristo benshi batitaye ku mahame y'ingenzi y'ubutungane yagaragarijwe mu mategeko y'Imana. Iyo ni yo mpamvu hariho kwigaragaza guto cyane k'umurimo wimbitse kandi uhamye wa Mwuka w'Imana waranze ububyutse n'ihemburwa byo mu myaka yashize.

Duhinduka kubwo guhanga Yesu amaso. Ariko niba ariya mategeko yera Imana yerekeyemo umuntu ubutungane no kwera by'imico yayo yirengagizwa, bityo intekerezo z'abantu zikerekezwa ku nyigisho n'amahame by'abantu, nta gitangaje kubona mu itorero hakurikiraho ukudohoka ku butungane nyakuri. Uhoraho yaravuze ati: ". . . Baranyimuye kandi ari jye soko y'amazi y'ubugingo; kandi bikorogoshoreye ibitega mu rutare, ndetse ni ibitega bitobotse, bitabasha gukomeza amazi."[674]

“Hahirwa umuntu udakurikiza imigambi y'ababi, . . . Ahubwo amategeko y'Uwiteka ni yo yishimira, kandi amategeko ye ni yo yibwira ku manywa na nijoro. Uwo azahwana n'igiti cyatewe hafi y'umugezi, cyera imbuto zacyo igihe cyacyo, ibibabi byacyo ntibyuma. Icyo azakora cyose kizamubera cyiza."[675] Keretse gusa amategeko y'Imana asubijwe agaciro kayo, ni bwo mu bavuga ko ari ubwoko

670 Luka 11:13; Yohana 14:14;16:24
671 Abaroma 8:1
672 Abaheburayo 2:11
673 1Yohana 5:4; Nehemiya 8:10; Abafilipi 4:4; 1Abates. 5:16-18
674 Yeremiya 2:13
675 Zaburi 1:1-3.

bw'Imana hashobora kubaho ububyutse n'ihembura byo kwizera no kubaha Imana byaranze abatubanjirije. “Uwiteka avuga atya ati: 'Nimuhagarare mu nzira murebe, kandi mubaririze inzira za kera, aho inzira nziza iri abe ari yo munyuramo, ni ho muzabona uburuhukiro mu mitima yanyu."[676]

Igice cya 28

ISUZUMARUBANZA

Umuhanuzi Daniyeli aravuga ati: "Nkomeza kureba mbona batera intebe za cyami, Uwabayeho ibihe byose aricara. Imyambaro ye yerereranaga nk'inyange, umusatsi we wasaga n'ubwoya bw'intama bwera, intebe ye ya cyami yari ibirimi by'umuriro, inziga zayo zagurumanaga nk'umuriro. Imbere ye haturukaga umuriro utemba nk'umugezi, abagaragu ibihumbi n'ibihumbi baramuherezaga, uko bari ibihumbi bitabarika bahagaze imbere ye. Urukiko rujyamo, ibitabo by'ibyo abantu bakoze barabibumbura."[677]

Uko ni ko mu nzozi Umuhanuzi yeretswe umunsi ukomeye kandi uteye ubwoba, ubwo imico n'imibereho by'abantu bizanyuzwa imbere y'Umucamanza w'isi yose, kandi umuntu wese agahabwa “ibikwiranye n'ibyo yakoze." Umukuru Wabayeho ibihe byose ni Imana Data. Umunyazaburi yaravuze ati: "Imisozi itaravuka, utararamukwa isi n'ubutaka, uhereye iteka ryose ukageza iteka ryose, ni wowe Mana."[678] Ni Yo nkomoko y'ibyaremwe byose kandi ikaba isoko y'amategeko yose agomba gukoreshwa muri uru rubanza. Kandi abamarayika bazira inenge ibihumbi n'ibihumbi, nk'abakozi n'abahamya, bari bari muri uru rukiko.

“Hanyuma nkitegereza ibyo neretswe nijoro, mbona haje usa n'umwana w'umuntu, aziye mu bicu byo mu ijuru, aza umujyo umwe, asanga wa Mukuru nyir'ibihe byose, bamumugeza imbere. Nuko ahabwa ubutware n'icyubahiro n'ubwami, kugira ngo abantu b'amoko yose y'indimi zitari zimwe bajye bamukorera. Ubutware bwe ni ubutware bw'iteka ryose butazashira; kandi ubwami bwe ni ubwami butazakurwaho."[679] Ukuza kwa Kristo kuvugwa aha, ntabwo ari ukugaruka kwe kuri iyi si. Asanga Uwabayeho ibihe byose mu ijuru, kugira ngo ahabwe ubutware, icyubahiro n'ubwami azegurirwa ku iherezo ry'umurimo we w'umuhuza. Uko ni ko kuza kuvugwa aha kwavuzwe mu buhanuzi ko kuzabaho ku iherezo ry'iminsi 2300 mu mwaka wa 1844. Ntabwo ari ukugaruka kwe ku isi. Umutambyi wacu Mukuru yari ashagawe n'abamarayika bo mu ijuru, yinjira ahera cyane maze agaragara imbere y'Imana kugira ngo akore umugabane uheruka w'umurimo akorera umuntu. Ni umurimo w'urubanza rugenzura ndetse no guhongerera abantu bose bazasangwa ko babikwiriye.

676 Yeremiya 6:16.
677 Daniyeli 7:9,10 Bibiliya Ijambo ry›Imana.
678 Zaburi 90:2.
679 Daniyeli 7:13,14

Mu muhango wagiraga icyo ushushanya wakorerwaga mu buturo bwera bwo mu isi, ababaga baje imbere y'Imana bafite kwicuza no kwihana, kandi ibyaha byabo bigashyirwa ku buturo bwera binyuze mu maraso y'igitambo gitambirwa ibyaha, abo bonyine ni bo bungurwaga n'umurimo wo ku Munsi w'Impongano. Muri ubwo buryo, mu munsi ukomeye wo guhongerera ubuheruka ndetse n'urubanza rw'igenzura, ibyitabwaho gusa ni iby'ubwoko bw'Imana. Urubanza rw'abanyabibi rwo ni umurimo wihariye ndetse utandukanye n'uwo, kandi uzabaho nyuma y'aho. "Igihe cy'urubanza kirageze kandi rubanjirije kuri twebwe ab'inzu y'Imana. None se ubwo rubanjirije kuri twe, iherezo ry'abatumvira Ubutumwa bwiza bw'Imana rizaba irihe?" [680]

Ibitabo by'urwibutso mu ijuru byanditswemo amazina n'ibikorwa byose by'abantu, bibereyeho guhamya imyanzuro y'urubanza. Umuhanuzi Daniyeli aravuga ati: "Imanza zirashingwa, ibitabo birabumburwa." Yohana wahishuriwe na we ubwo yavugaga ibyo yongeyeho ati: "Kandi n'ikindi gitabo kirabumburwa, ni cyo gitabo cy'ubugingo. Abapfuye bacirwa imanza z'ibyanditswe muri ibyo bitabo, zikwiriye ibyo bakoze." [681]

Igitabo cy'ubugingo cyanditswemo amazina y'abantu bose bagize uruhare mu murimo w'Imana mu bihe byose. Yesu yabwiye abigishwa be ati: "Mwishimire yuko amazina yanyu yanditswe mu ijuru." Luka 10:20. Pawulo avuga iby'abakozi b'indahemuka bakoranye na we ati: "amazina yabo yanditswe mu gitabo cy'ubugingo." Abafilipi 4:3. Ubwo Daniyeli yitegerezaga "igihe cy'umubabaro utigeze kubaho," yavuze ko abantu b'Imana bazarokorwa, "umuntu wese uzasangwa yanditswe mu gitabo cy'ubugingo." Kandi umuhishuzi Yohana avuga ko abazinjira mu murwa w'Imana ari abo amazina yabo "yanditswe mu gitabo cy'ubugingo cy'Umwana w'intama." [682]

"Igitabo cy'urwibutso" cyandikirwa imbere y'Imana, kikandikwamo ibikorwa byose byiza "by'abubaha Uwiteka, bakita ku izina rye." Malaki 3:16. Amagambo yabo agaragaza kwizera n'ibikorwa byabo by'urukundo, byandikwa mu ijuru. Nehemiya yerekeza kuri ibyo avuga ati: "Mana yanjye ujye unyibuka ku bw'ibyo, kandi ntuzahanagura imirimo yanjye myiza nkoreye inzu y'Imana yanjye."[683] Mu gitabo cy'Imana cy'urwibutso, umurimo wose wo gukiranuka wanditswemo ubutazasibangana. Igishuko cyose umuntu yatsinze, icyaha cyose umuntu yanesheje, ijambo ryose rihumuriza abandi, rihora ryibukwa muri icyo gitabo. Kandi umurimo wose w'ubwitange, umubabaro wose n'agahinda umuntu yihanganiye kubwa Kristo, byose birandikwa. Umunyazaburi aravuga ati: "Ubara kurorongotana kwanjye: ushyira amarira yanjye mu icupa ryawe; mbese ntiyanditswe mu gitabo cyawe?" Zaburi 56:8.

Hari na none ahandi handikwa ibyaha by'abantu. "Kuko Imana izazana umurimo wose mu manza n'igihishwe cyose, ari icyiza cyangwa ikibi." «Ijambo ry'imfabusa ryose abantu bavuga bazaribazwa ku munsi w'amateka. » Umukiza

680 1Petero 4:17
681 Ibyahishuwe 20:12
682 Daniyeli 12:1; Ibyahishuwe 21:27.
683 Nehemiya 13:14

na we aravuga ati: "Amagambo yawe ni yo azagutsindishiriza, kandi n'amagambo yawe ni yo azagutsindisha."[684] Ibigambirirwa mu rwihisho, biboneka mu gitabo kitabeshya; kuko «Imana izatangaza ibyari byarahishwe mu mwijima, kandi ikagaragaza n'imigambi yo mu mitima. »[685] "Dore ibyo biranditswe imbere yanjye, sinzabyihorera; . . . Gukiranirwa kwanyu ubwanyu, n'ukwa ba sogokuruza wanyu nzakubiturira hamwe."[686]

Icyo umuntu akoze cyose kinyura imbere y'Imana kikandikwa ko ari igikorwa cyo gukiranuka cyangwa se ko ari icyo gukiranirwa. Mu buhanga butangaje kandi butagereranywa, imbere y'izina ryose mu bitabo byo mu ijuru, handikwa ijambo ryose ry'ibinyoma, umurimo wose wo kwikanyiza, inshingano yose ituzujwe n'icyaha cyose gikorerwa mu rwihisho. Imiburo yoherezwa n'ijuru cyangwa gucyaha kwirengagijwe, igihe cyapfushijwe ubusa, igihe cyakoreshejwe nabi, imbaraga zakoreshejwe mu kwimakaza ibyiza cyangwa ibibi ndetse n'ingaruka zabyo zikomeye, byose byandikwa n'umumarayika.

Amategeko y'Imana ni yo azaba urugero ngenderwaho rwo gusuzumiraho imico n'imibereho y'abantu mu rubanza. Umunyabwenge yaravuze ati: "Wubahe Imana kandi ukomeze amategeko yayo, kuko ari byo bikwiriye umuntu wese. Kuko Imana izazana umurimo wose mu rubanza."[687] Intumwa Yakobo yihanangirije abavandimwe be ati: "Muvuge kandi mukore nk'abajya gucirwa urubanza n'amategeko atera umudendezo." Yakobo 2:12.

Abazasangwa batunganye mu rubanza, bazaba mu mugabane wo kuzuka kw'abakiranutsi. Yesu yaravuze ati: « Ariko abemerewe kuzagera muri ya si yindi, bakaba bakwiriye no kugera ku kuzuka mu bapfuye, . . . bazamera nk'abamarayika, bakaba ari abana b'Imana, kuko ari abana b'umuzuko. »[688] Na none kandi Yesu aravuga ati: "abakoze ibyiza bazazukira ubugingo." Yohana 5:29. Abakiranutsi bapfuye ntibazazuka kugeza aho urubanza ruzarangirira rukabashyira mu mugabane w'abakwiriye kuzukira guhabwa ubugingo. Ubwo ibyanditswe kuri bo bizaba bisuzumwa kandi bagafatirwa umwanzuro, ntabwo bo ubwabo bazaba bahagaze muri urwo rukiko.

Yesu azahagoboka ababere umuvugizi, ababuranire imbere y'Imana. "Icyakora, nihagira umuntu ukora icyaha, dufite Umurengezi kuri Data wa twese, ni we Yesu Kristo ukiranuka."1Yohana 2:1. "Kuko Kristo atinjiye Ahera haremwe n'intoki, hasuraga ha handi h'ukuri, ahubwo yinjiye mu ijuru ubwaho, kugira ngo none ahagarare imbere y'Imana ku bwacu." "Ni cyo gituma abasha gukiza rwose abegerezwa Imana na we, kuko ahoraho iteka ngo abasabire."[689]

Ubwo ibitabo by'ibyanditswe ku bantu byabumburwaga, imibereho y'abantu bose bizeye Yesu igaragazwa imbere y'Imana. Ahereye ku babanjirije abandi bose kuba ku isi, Umuvugizi wacu yerekana iby'ibisekuru byose byagiye bikurikirana, maze asoreza ku bakiriho. Izina ryose riravugwa, urubanza rwa buri wese rugasuzumanwa

684 Umubwiriza 12:14; Matayo 12:36,37.
685 1Abakorinto 4:5
686 Yesaya 65:6,7.
687 Umubwiriza 12:13,14.
688 Luka 20:35,36.
689 Abaheburayo 9:24; 7:25.

ubushishozi. Amazina amwe akemerwa, ayandi ntiyemerwe. Igihe hagize umuntu ufite ibyaha bicyanditswe mu bitabo byo mu ijuru, ibyaha bitihanwe ngo bibabarirwe, izina rye rizahanagurwa mu gitabo cy'ubugingo, kandi ibyanditswe bigaragaza imirimo myiza bakoze bizahanagurwa mu gitabo cy'Imana cy'urwibutso. Uwiteka yabwiye Mose ati: "Uncumuyeho wese, ni we nzahanagura mukure mu gitabo cyanjye." Kuva 32:33. N'umuhanuzi Ezekiyeli yaravuze ati: "Ariko umukiranutsi nareka gukiranuka kwe agakora ibibi, . . . Ibyo gukiranuka yakoze byose, nta na kimwe kizibukwa. . . " Ezekiyeli 18:24.

Abantu bose bihannye ibyaha byabo by'ukuri, kandi kubwo kwizera bakisunga amaraso ya Yesu we gitambo cyabo gikuraho ibyaha, bagiriwe imbabazi maze zandikwa imbere y'amazina yabo mu bitabo byo mu ijuru. Kuko bahindutse abafite umugabane ku butungane bwa Kristo kandi imico yabo igasangwa ihuje n'amategeko y'Imana, ibyaha byabo byarahanaguwe, kandi bo bazasangwa bakwiriye guhabwa ubugingo buhoraho. Uhoraho avugira mu muhanuzi Yesaya iti: "Ubwanjye ni jye uhanagura ibicumuro byawe nkakubabarira ku bwanjye, kandi ibyaha byawe sinzabyibuka ukundi."[690] Yesu yaravuze ati: "Unesha, ni we uzambikwa imyenda yera, kandi sinzahanagura izina rye na hato mu gitabo cy'ubugingo, ahubwo nzaturira izina rye imbere ya Data n'imbere y'abamarayika be." “Umuntu wese uzampamiriza imbere y'abantu, nanjye nzamuhamiriza imbere ya Data uri mu ijuru. Ariko uzanyihakanira imbere y'abantu wese, nanjye nzamwihakanira imbere ya Data uri mu ijuru."[691]

Amatsiko menshi abantu bagira mu gihe baba bategereje imyanzuro y'inkiko zo ku isi nyamara bahinda umushyitsi, yerekana amatsiko agaragazwa mu nkiko zo mu ijuru igihe amazina yanditswe mu gitabo cy'ubugingo yongera kugaragazwa imbere y'Umucamanza w'isi yose. Umuvugizi wo mu ijuru asabira abanesheje kubw'amaraso ye ko babarirwa ibicumuro byabo, ko bakongera gusubizwa mu rugo rwabo rwa Edeni, bakambikwa amakamba nk'abaraganwa na we ubutware bwabo bwa mbere. Mika 4:8. Mu muhati mwinshi Satani yakoresheje kugira ngo ayobye kandi agerageze abantu, yatekerezaga kuburizamo umugambi Imana yari ifite ubwo yaremaga umuntu. Ariko ubu Kristo asaba ko uwo mugambi washyirwa mu bikorwa nk'aho abantu batigeze bacumura. Ntabwo asabira ubwoko bwe kubabarirwa no kugirwa intungane byuzuye gusa, ahubwo anabasabira kugira umugabane ku ikuzo rye no kwicarana na we ku ntebe ye y'ubwami.

Mu gihe Yesu asabira abakiriye ubuntu bwe, Satani we abarega imbere y'Imana ko bishe amategeko yayo. Umushukanyi ukomeye yashatse uko yabashora mu gushidikanya, abatere gutakaza icyizere bafitiye Imana, kubatera kwitandukanya n'urukundo rwayo no kwica amategeko yayo. Ubu noneho (mu rubanza) yerekana ibyo bakoze mu mibereho yabo, ibidatunganye mu mico yabo, kuba badasa na Yesu Kristo, kandi bikaba byarabateye gusuzuguza Umucunguzi wabo, mbese muri make yerekana ibyaha byose yaboheje gukora, kandi kuby'ibyo Satani avuga ko abo bantu ari abe.

Ntabwo Yesu atanga urwitwazo ku byaha bakoze, ahubwo yerekana ko babyihannye, akerekana kwizera kwabo maze akabasabira kubababarirwa. Azamura ibiganza bye birimo inkovu akabyerekana imbere ya Se n'abamarayika bera akavuga ati: Nzi izina rya buri wese. Nabanditse mu biganza byanjye. "Ibitambo Imana ishima ni imitima imenetse, umutima umenetse, ushenjaguwe, Mana ntuzawusuzugura."[692] Naho umurezi w'intore ze yamuvuzeho ati: "Uwiteka aguhane, yewe Satani! ni koko Uwiteka watoranije Yerusalemu aguhane. Mbese uwo si umushimu ukuwe mu muriro?"[693] Kristo azambika indahemuka ze ubutungane bwe, kugira ngo abashe kubamurikira Se ari "itorero riboneye, ritagira ikizinga cyangwa umunkanyari cyangwa ikindi kintu cyose gisa gityo." Abefeso 5:27. Amazina yabo aracyanditswe mu gitabo cy'ubugingo, kandi banditsweho ibi ngo: "Bazagendana nanjye bambaye imyenda yera, kuko babikwiriye." Ibyahishuwe 3:4.

Nibwo isezerano rishya rizaba risohoye ngo: "Kuko nzababarira gukiranirwa kwabo, kandi icyaha cyabo sinzacyibuka ukundi." "Muri iyo minsi no muri icyo gihe, igicumuro cya Isirayeli kizashakwa kibure; n'ibyaha bya Yuda nabyo ntibizaboneka.“[694]“Uwo munsi ishami ry'Uwiteka rizaba ryiza rifite icyubahiro. Abisirayeli bazarokoka, imyaka yo mu gihugu izabaryohera cyane, ibabere myiza. Maze uzasigara i Siyoni n'i Yerusalemu wese, yanditswe mu bazima b'i Yerusalemu, azitwa uwera."[695]

Umurimo w'urubanza rugenzura n'uwo guhanagurwa kw'ibyaha ugomba kurangira mbere yo kugaruka k'Umwami Yesu. Kubera ko abapfuye bazacirwa imanza zishingiye ku byanditswe mu bitabo, ntabwo bishoboka ko ibyaha by'abantu bishobora guhanagurwa nyuma y'urubanza ruzagenzurirwamo ibyabo. Ariko intumwa Petero we avuga yeruye ko ibyaha by'abizera bizahanagurwa "igihe iminsi yo guhemburwa izazira ituruka ku Mwami Imana, itume Yesu, ari we Kristo." Ibyak. 3:19, 20. Ubwo urubanza rw'igenzura ruzaba rurangiye, Kristo azaza azanye ingororano ngo agororere umuntu wese ibikwiriye ibyo yakoze.

Mu muhango wakorwaga mu buturo bwera, iyo umutambyi mukuru yamaraga guhongerera ubwoko bw'Abisirayeli, yarasohokaga maze akajya guha iteraniro umugisha. Ni ko na Kristo ubwo azaba arangije umurimo we wo guhuza abantu n'Imana azaboneka ubwa kabiri, "atazanywe no kwitambira ibyaha, abonekere abamutegereza kubazanira agakiza,“ (Abaheburayo 9:28), azaza guha umugisha abe bamutegereje abahe ubugingo buhoraho. Nk'uko mu muhango wo gukura ibyaha mu buturo bwera umutambyi yaturiraga ibyo byaha ku mutwe w'ihene ya Azazeli, ni ko na Kristo azashyira ibyaha byose kuri Satani, we nkomoko y'icyaha kandi akaba ari nawe ugishoramo abantu. Isekurume y'ihene yashyirwagaho ibyaha by'Abisirayeli yoherwaga mu kidaturwa, mu butayu (Abalewi 16:22). Uko niko na Satani uzaba yikoreye ibyaha yateje ubwoko bw'Imana gukora azaboherwa mu isi izaba yabaye amatongo, itakigira abantu mu gihe cy'imyaka igihumbi, kandi amaherezo azagerwaho n'igihano cy'icyaha arohwe mu muriro uzatsemba abanyabyaha bose. Uko ni ko inama ikomeye y'agakiza izaba igeze ku ntego yayo yo gutsemba icyaha burundu ndetse no gucungurwa kw'abantu bose bihitiyemo kwanga ikibi.

690 Yesaya 43:25.
691 Ibyahishuwe 3:5; Matayo 10:32,33.

692 Zaburi 51:17
693 Zekariya 3:2.
694 Yeremiya 31:34; 50:20.
695 Yesaya 4:2,3

Urubanza rwo kugenzura ndetse no guhanagurwa kw'ibyaha byatangiye ku gihe cyagenwe ari cyo herezo ry'iminsi 2300, mu mwaka wa 1844. Abantu bose bigeze kwitirirwa izina rya Kristo, bazagerwaho n'iryo genzura rikomeye. Abazima n'abapfuye bose bagomba gucirwa imanza z'"ibyanditswe mu bitabo, hakurikijwe ibyo bakoze."

Ibyaha bitihanwe ngo birekwe, ntibizababarirwa kandi ntibizahanagurwa mu bitabo, ahubwo bizashinja umunyabyaha ku munsi w'Imana. Umunyabyaha ashobora kuba yarakoreye ibyo byaha ku mugaragaro amanywa ava, cyangwa akabikorera mu mwijima nijoro; ariko byose bitwikururwa nk'ibyambaye ubusa imbere y'Imana. Abamarayika b'Imana babonye icyaha cyose kandi bacyandika ahatabasha kubeshya. Icyaha gishobora guhishwa, kigahakanwa, kigahishwa ababyeyi, kigahishwa umugore, kigahishwa umugabo, kigahishwa abana n'incuti, abo mukorana n'abandi. Umunyacyaha ashobora kuba ari we wenyine uzi icyaha yakoze; ariko ibyo byose bigaragara nk'ibyambaye ubusa imbere y'abo mu ijuru. Umwijima w'ijoro ry'irindagiza, ibihishwe byose by'ubushukanyi bukomeye, nta gihagije ngo gishobore guhisha Uwiteka n'igitekerezo kimwe. Imana ifite ibyakozwe byose nk'uko biri byerekeye igikorwa cyose kidatunganye n'uburiganya bwose. Ntabwo ishukwa n'ibisa n'ubutungane. Ntabwo yibeshya mu buryo ibona imico y'umuntu. Abantu babasha gushukwa n'abandi bantu banduye mu mitima, ariko Imana yo ibona ukwiyoberanya kose, igasoma amabanga yose yo mu mitima.

Mbega uko bikomeye gutekereza ko uko umunsi uhita mu buzima bwacu ugira ibyo wongera ku byandikwa kuri twe mu bitabo byo mu ijuru! Amagambo tuvuga n'ibyo dukora bitabasha no kwibukwa. Abamarayika bandika ibyiza n'ibibi. Nta ntwari ikomeye yo ku isi yabasha kugarura nibura n'iby'umunsi umwe. Ibikorwa byacu, amagambo yacu ndetse n'ibyo tugambirira bihishwe kure cyane, byose bifite uburemere bwabyo mu kugena iherezo ryacu ryaba ryiza cyangwa umuvumo. Bona n'aho twe twabyibagirwa, ariko bizatanga ubuhamya bwo kuturengera cyangwa kuduciraho iteka.

Nk'uko ibigaragara ku buranga bw'umuntu bigaragazwa neza ku mutako wakozwe n'umunyabukorikori, ni ko n'imico y'abantu igaragazwa neza mu bitabo byo mu ijuru. Ariko mbega uburyo abantu badaha agaciro kanini ibyerekeye ibyo byandikwa bibonwa n'abo mu ijuru! Iyaba byashobokaga ko igishura gitandukanya isi iboneshwa amaso n'itagaragarira amaso y'umuntu kizingwa, maze abana b'abantu bakabona umumarayika yandika ijambo ryose n'igikorwa cyose bazongera guhurira na cyo mu rubanza, ni amagambo angahe avugwa buri munsi yacecekwa, kandi ni ibikorwa bingahe bitakorwa?

Mu rubanza, imikoreshereze y'impano yose umuntu yahawe izagenzurwa. Ni mu buhe buryo twakoresheje umutungo twatijwe n'Ijuru? Mbese Umwami nagaruka azahabwa ibye yatubikije n'inyungu yabyo? Mbese imbaraga twaragijwe, zaba iz'amaboko, iz'umutima n'ubwenge twazikoresheje neza kubw'ikuzo ry'Imana no guhesha abatuye isi imigisha? Mbese twakoresheje dute igihe cyacu, ikaramu yacu, ijwi ryacu, amafaranga yacu ndetse n'ubushobozi bwacu? Ni iki twakoreye Kristo ku bantu b'abakene, abashavura, imfubyi n'abapfakazi? Imana yatubikije ijambo ryayo ryera. Mbese umucyo n'ukuri twahawe twabikoresheje iki kugira ngo twungure abantu ubwenge bubageza ku gakiza? Kuvuga ko umuntu yizera Kristo nta gaciro bifite; keretse gusa urukundo rugaragarizwa mu bikorwa ni rwo rufite akamaro. Nyamara urukundo rwonyine ni rwo ruhesha agaciro igikorwa cyose mu maso y'Imana. Ikintu cyose gikozwe gikomotse ku rukundo, uko cyaba ari gito kose mu mirebere y'abantu, Imana iracyemera kandi ikagitangira ingororano.

Ukwikanyiza guhishwe abantu bagira gushyirwa ahagaragara mu bitabo byo mu ijuru. Muri byo handitswe inshingano umuntu atasohoje yagombaga gukorwera bagenzi be, ndetse no kwirengagiza ibyo Umukiza asaba. Bazahabonera uburyo kenshi beguriye Satani igihe, ibitekerezo n'imbaraga byagombye gukoresherezwa Kristo. Ibiberekeyeho abamarayika bandika mu ijuru biteye agahinda. Abantu bafite ubwenge, abavuga ko ari abayoboke ba Kristo, batwawe imitima no kwigwizaho ubutunzi bw'iby'isi cyangwa kwishimira ibinezeza by'isi. Amafaranga, igihe n'imbaraga byeguriwe kwiyerekana no kwishimisha; ariko agahe gato gusa ni ko bagenera gusenga, kwiga Ibyanditswe Byera, kwicisha bugufi mu mitima no kwatura ibyaha bakora.

Satani ahimba imigambi itabarika yo kwigarurira intekerezo zacu kugira ngo ze guhugira ku murimo dukwiriye kumenyera gukora. Umushukanyi kabuhariwe yanga ukuri kugaragaza igitambo gikuraho ibyaha kandi akananga Umuhuza ukomeye. Azi ko kugera ku cyo agambiriye cyose bishingiye ku guteshura intekerezo z'abantu kuri Yesu no ku kuri kwe.

Abashaka kugerwaho n'ibyiza biva ku murimo w'Umukiza w'ubuhuza, ntibakwiriye kugira icyo bemera cyarogoya inshingano yabo yo kugera ku butungane bushyitse bubaha Imana. Amasaha y'ingenzi, aho kuyakoresha ku binezeza by'isi cyangwa ku kwishakira inyungu, yari akwiriye kwegurirwa kwigana umwete ijambo ry'ukuri no gusenga. Ubwoko bw'Imana bukwiriye gusobanukirwa neza n'icyigisho cy'ubuturo bwera n'icy'urubanza rw'igenzura. Abantu bose bakwiriye kwimenyera ubwabo umwanya ndetse n'umurimo w'Umutambyi wabo Mukuru, nibitaba bityo, kugira kwizera gukenewe cyane muri iki gihe no gusohoza inshingano Imana yabahaye ntibizabashobokera. Umuntu wese afite uwo azakiza cyangwa uwo azazimiza. Buri wese afite urubanza rumutegereje imbere y'Imana. Umuntu wese agomba kuzahagarara imbona nkubone imbere y'Umucamanza. Mbega uburyo ari ingenzi ko umuntu wese yitegereza iyo shusho ikomeye ubwo urubanza ruzashingwa, ibitabo bikabumburwa, ubwo ku iherezo ry'ibihe buri wese agomba kuzahagarara mu mugabane we nka Daniyeli.

Abantu bose bamaze kwakira umucyo ku byerekeye izo ngingo bakwiriye guhamiriza abandi ukuri gukomeye Imana yabahaye. Ubuturo bwera bwo mu ijuru ni bwo zingiro ry'umurimo Kristo akorera abantu. Uyu murimo ureba umuntu wese uri ku isi. Uduhishurira inama y'agakiza ukatugeza ku iherezo ry'ibihe, ukaduhishurira insinzi mu ntambara iri hagati y'ubutungane n'icyaha. Ni iby'agaciro gakomeye ko abantu bose bakwiriye kwigana ubwitonzi ibyo byigisho kandi bakaba bashobora gusubiza umuntu wese ubabajije impamvu z'ibyiringiro bafite.

Amasengesho Umukiza wacu asabira abantu mu buturo bwo mu ijuru ni ingenzi cyane ku nama y'agakiza nk'uko urupfu rwe rwo ku musaraba rwari ruri. Ubwo yari hafi yo gupfa ni bwo Yesu yatangiye uwo murimo kandi ubwo yari amaze kuzuka yarazamutse ajya mu ijuru kuharangiriza uwo murimo. Kubwo kwizera tugomba kwinjira hirya y'umwenda ukinze, aho yinjiriye atubanjirije. (Abahebuayo 6:20).

Aho niho harabagiranira umucyo uturuka ku musaraba w'i Kaluvari. Aho kandi ni ho dushobora gusobanukirwa amabanga yo gucungurwa. Agakiza k'umuntu kagezweho bisabye ijuru ikiguzi kitagerwa; kandi igitambo cyatanzwe cyari gihwanye n'ibyasabwaga n'amategeko y'Imana yishwe. Yesu yafunguye inzira ijya ku ntebe y'ubwami ya Data, kandi kubw'umurimo we w'ubuhuza, icyifuzo kivuye ku mutima cy'abantu bose bamusanga bafite kwizera kibasha kugezwa imbere y'Imana.

"Uhisha ibicumuro bye ntazagubwa neza, ariko ubyatura akabireka azababarirwa." Imigani 28:13. Iyaba abahisha ibyaha byabo kandi bakabitangira urwitwazo bashoboraga kureba uko Satani abishima hejuru, bakareba uko Satani akwena Kristo n'abamarayika mu murimo wabo, bakwihutira kwicuza ibyaha byabo no kubizibukira burundu. Satani abinyujije mu ngeso mbi zo mu mico y'abantu, akora kugira ngo agenge intekerezo zose, kandi azi ko azabasha kugera ku nsinzi igihe izo ngeso zigundiriwe. Kubw'ibyo, ahora ashaka kuyobya abayoboke ba Kristo akoresheje ubuhendanyi bwe bukomeye ku buryo gutsinda bitabashobokera. Nyamara Yesu abasabira yerekana inkovu zo mu biganza bye n'umubiri we washenjaguwe; maze akabwira abamukurikira bose ati: "Ubuntu bwanjye burabahagije." 2 Abakorinto 12:9. "Mwemere kuba abagaragu banjye, munyigireho, kuko ndi umugwaneza kandi noroheje mu mutima; namwe muzabona uburuhukiro mu mitima yanyu: kuko kunkorera kutaruhije, n'umutwaro wanjye utaremereye."[696] Kubw'ibyo rero, nimureke he kugira umuntu ufata ko ibidatunganye kuri we bitavaho ngo bikire. Imana izatanga kwizera n'ubuntu maze ibyo bitsindwe.

Ubu turi mu gihe cy'umunsi ukomeye w'impongano. Mu gihe cy'imihango yo ku munsi w'impongano yakorwaga mu buturo bwera bwo ku isi, iyo umutambyi yabaga ari guhongerera ubwoko bw'Abisirayeli, bose basabwaga kubabaza imitima yabo babinyujije mu kwihana ibyaha no kwicisha bugufi imbere y'Umwami Imana kandi uwabaga atabikoze yacibwaga mu bwoko bwe. Mu buryo nk'ubwo, muri iyi minsi mike isigaye y'igihe cy'imbabazi, abantu bose bifuza ko amazina yabo adahanagurwa mu gitabo cy'ubugingo, bakwiriye kwibabariza imbere y'Imana batewe agahinda n'icyaha kandi bafite kwihana nyakuri. Bakwiriye kwinira bakisuzuma mu mitima yabo.

Umwuka udafashije kandi w'ubupfapfa ugundiriwe na benshi bavuga ko ari Abakristo ugomba kurekwa. Imbere y'umuntu wese ushaka gutsinda ingeso mbi zirwanira kugenga umuntu, hari urugamba rukomeye. Umurimo wo kwitegura ni uw'umuntu wese ku giti cye. Ntabwo dukirizwa mu matsinda. Ntabwo ubutungane no kwitanga by'umuntu umwe bishobora gukemura ubukene bw'iyo mico mu wundi muntu. Nubwo amahanga yose agomba guca mu rubanza imbere y'Imana, ariko Imana izagenzurana ubwitonzi urubanza rw'umuntu wese nk'aho nta wundi muntu uri ku isi. Umuntu wese azagenzurwa ngo harebwe niba adafite ikizinga cyangwa umunkanyari cyangwa ikindi kintu cyose gisa gityo.

Ibizaba bijyanirana n'irangira ry'umurimo wo guhongerera biratangaje. Uko uwo murimo ukorwa bifite agaciro gakomeye. Muri iki gihe urubanza ruri gucibwa mu buturo bwera bwo mu ijuru. Hashize imyaka myinshi uyu murimo ukorwa. Vuba bidatinze (nta muntu uzi icyo gihe icyo ari cyo) urwo rubanza ruzagera

696 Matayo 11:29,30.

ku by'abariho. Imibereho yacu igomba kunyuzwa imbere y'Imana y'igitinyiro. Muri iki gihe kurenza ibindi bihe byose, ni ngombwa ko buri wese yumvira umuburo w'Umukiza uvuga ati: "Mube maso, musenge: kuko mutazi igihe ibyo bizasohoreramo.“ Mariko 13:33. "Ariko rero, nutaba maso, nzaza nk'umujura, nawe ntuzamenya igihe nzagutungurira." Ibyahishuwe 3:3.

Igihe umurimo w'urubanza rw'igenzura uzaba urangiye, iherezo ry'abantu bose rizaba rizaba ryarafashweho umwanzuro ryaba ari ubugingo cyangwa urupfu. Igihe cy'imbabazi kizarangira mbere ho gato yo kuboneka k'Umwami wacu Yesu mu bicu byo mu ijuru. Mu Byahishuwe ubwo Kristo yarebaga ibizaba icyo gihe yaravuze ati: "Ukiranirwa agumye akiranirwe, uwanduye mu mutima agumye yandure; umukiranutsi agumye akiranuke; uwera agumye yezwe. Dore ndaza vuba, nzanye ingororano, kugira ngo ngororere umuntu wese ibikwiriye ibyo yakoze.“697

Intungane n'abanyabyaha bazaba bakiri ku isi bagifite imibereho yabo ipfa. Abantu bazaba bahinga, bubaka, barya kandi banywa, bose batazi ko umwanzuro uhereka kandi utavuguruzwa wamaze gufatirwa mu buturo bwera bwo mu ijuru. Mbere y'uko umwuzure uza, Nowa amaze kwinjira mu nkuge, Imana yamukingiraniye mu nkuge kandi abatubahaga Imana nabo bakingiranirwa hanze. Ariko mu gihe cy'iminsi irindwi abantu batari bazi ko iherezo ryabo ryamaze gushyirwaho bakomeje imibereho yabo yo kutagira icyo bitaho, gukunda ibinezeza no guhindura urw'amenyo imiburo yavugaga akaga kari kagiye kubageraho. Umukiza aravuga ati: "Ni ko no kuza k'Umwana w'umuntu kuzaba." Matayo 24:39. Nk'uko umujura wa nijoro aza bucece, ntawe umubona, ni ko bizaba no ku isaha iheruka izaranga iherezo rya buri wese ndetse no gukurwaho guheruka kw'itangwa ry'imbabazi ku banyabyaha.

"Nuko namwe mube maso . . . atazabatungura agasanga musinziriye." Mariko 13:35, 36. Abarambirwa kuba maso, bakarangamira ibirangaza by'isi bari mu kaga gakomeye. Mu gihe abacuruzi bahugiye mu gukurikirana inyungu, mu gihe abakunda ibibanezeza bashaka guhaza ibyifuzo byabo, mu gihe ababaswe no kugendana n'ibigezweho barangamiye imirimbo, byashoboka ko muri icyo gihe ari bwo Umucamanza w'isi yose yazaca iteka avuga ati: “Wapimwe mu gipimo, ugaragara ko udashyitse." Daniyeli 5:27.

Igice cya 29
INKOMOKO Y'IKIBI

Ku bantu benshi, inkomoko y'icyaha n'impamvu kiriho byabaye isoko yo guhera mu rungabangabo. Iyo babonye ibikorwa by'icyaha n'ingaruka ziteye ubwoba z'amahano zigikomokaho, bibaza impamvu ibi byose bishobora kubaho mu butegetsi bw'Imana nyir'ubwenge, imbaraga n'urukundo bitagira iherezo. Aho hari

697 Ibyahishuwe 22:11,12.

iyobera batabonera ubusobanuro. Muri uko kutamenya no gushidikanya, barahuma ntibabashe gusobanukirwa n'ukuri kwahishuwe mu buryo bweruye mu ijambo ry'Imana kandi kwerekeye agakiza k'abantu. Mu gushakisha ibyerekeranye no kubaho kw'icyaha, hari abantu bashishikarira gushakira mu byo Imana itahishuye; bityo ntibashobore kubona umuti w'ingorane bafite. Kubera ko bene abo baba babogamiye mu gushidikanya no kujya impaka n'igihe bitari ngombwa, bashingira ku kuba badashoboye gukemura ikibazo cyo kubaho kw'icyaha maze bakabigira urwitwazo rwo guhinyura amagambo yo mu Byanditswe Byera. Nyamara hari abandi badashobora gusobanukirwa mu buryo bubanyuze n'ikibazo gikomeye cy'icyaha bitewe n'uko imigenzo n'ubusobanuro bugoretse byateje umwijima inyigisho ya Bibiliya ku byerekeye imico y'Imana, kamere y'ubutegetsi bwayo n'amahame y'uburyo ifata icyaha.

Ntibishoboka gusobanura inkomoko y'icyaha no kugaragaza impamvu yo kubaho kwacyo. Nyamara hari byinshi bishobora kumvikana ku byerekeye inkomoko y'icyaha ndetse n'iherezo ryacyo kugira ngo hagaragazwe neza ubutabera n'ineza yayo mu buryo igenza icyaha. Nta kintu cyigishwa mu buryo bwumvikana cyane mu Byanditswe Byera cyarusha ukuri kwerekana ko Imana idafite uruhare mu kubaho kw'icyaha; ko nta gukurwaho kw'ubuntu bw'Imana, ko nta bidatunganye mu butegetsi bw'Imana ku buryo byaba byarabaye intandaro yo kwaduka k'ubwigomeke. Icyaha ni umucengezi kandi kubaho kwacyo ntibishobora gutangirwa impamvu. Ibyacyo ni amayobera, ntawabona uko abisobanura. Kugitangira urwitwazo ni ukugishyigikira. Haramutse habonetse urwitwazo kuri cyo, cyangwa hakagaragazwa impamvu yatumye icyaha kibaho, nticyaba kikiri icyaha. Ubusobanuro bwonyine bw'icyaha dufite ni ubwatanzwe mu ijambo ry'Imana. Rivuga ko "icyaha ari ukwica amategeko;" ni imikorere y'ihame rirwanya itegeko rikomeye ry'urukundo kandi ari rwo rufatiro rw'ingoma y'Imana.

Icyaha kitarabaho, mu isi n'ijuru n'isanzure ryose hariho amahoro n'ibyishimo. Ibintu byose byari bihuje rwose n'ubushake bw'Umuremyi. Gukunda Imana ni byo byari bihebuje ibindi byose, gukundana ntibyagiraga kubogama. Kristo Jambo, Umwana w'Imana w'ikinege, yari umwe na Se uhoraho, bahuje kamere, imico n'imigambi. Ni we wenyine gusa mu isanzure ryose washoboraga kumenya inama n'imigambi by'Imana. Kristo ni we Imana yaremesheje ibyo mu ijuru byose. "Kuko muri we ari mo byose byaremewe, ari ibyo mu ijuru . . . intebe z'ubwami, n'ubwami bwose, n'ubushobozi bwose" (Abakolosayi 1:16); kandi ab'ijuru bose bubahaga Kristo kimwe na Se.

Kubera ko itegeko ry'urukundo ari ryo rufatiro rw'ingoma y'Imana, umunezero w'ibiremwa byose wari ushingiye ku guhuza rwose n'amahame akomeye y'ubutungane agenga iyo ngoma. Imana ishaka ko abo yaremye bose bayikorera mu rukundo – bakayiha ikuzo biturutse ku kunyurwa n'imico yayo. Ntabwo Imana ishimishwa no guhatira umuntu kuyubaha, kandi iha abantu bose umudendezo wo kwihitiramo icyo bashaka, kugira ngo bababashe kuyikorera biturutse ku bushake bwabo.

Ariko habayeho umwe wahisemo gukoresha uwo mudendezo nabi. Icyaha cyakomotse ku wari ukurikiye Kristo, uwari yarahawe ikuzo n'Imana kandi warushaga imbaraga n'ikuzo abaturage bo mu ijuru. Lusiferi ataracumura, yari umukerubi utwikira, uzira inenge kandi utunganye rwose. "Umva uko Umwami Uwiteka avuga ngo 'wari intungane rwose, wuzuye ubwenge n'ubwiza buhebuje. Wahoze mu Edeni, ya ngobyi y'Imana; umwambaro wawe wari ibuye ryose ry'igiciro cyinshi. . . Wari warasigiwe kugira ngo ube umukerubi utwikira, kandi nagushyizeho kugira ngo ube ku musozi wera w'Imana, wagendagendaga hagati y'amabuye yaka umuriro. Wari utunganye bihebuje mu nzira zawe zose uhereye umunsi waremweho, kugeza igihe wabonetsweho gukiranirwa."' [698]

Lusiferi yajyaga gukomeza kuba inkoramutima ku Mana, agakundwa kandi akubahwa n'ingabo z'abamarayika bose, agakoresha imbaraga yahawe zigahesha abandi umugisha kandi zigahesha Umuremyi we ikuzo. Ariko umuhanuzi aravuga ati: "Ubwiza bwawe ni bwo bwateye umutima wawe kwishyira hejuru, kubengerana kwawe ni ko kononnye ubwenge bwawe." (Ezekiyeli 28:17). Ni ruto ni ruto, Lusiferi yageze aho aha intebe icyifuzo cyo kwikuza. "Wagereranije umutima wawe n'umutima w'Imana." (Umurongo wa 6). "Waribwiraga uti: 'Nzazamuka njye mu ijuru, nkuze intebe yanjye y'ubwami, isumbe inyenyeri z'Imana', kandi uti: 'Nzicara ku musozi w'iteraniro, . . . nzaba nk'Isumbabyose."[699] Mu cyimbo cyo guharanira gushyira Imana imbere mu rukundo n'icyubahiro by'ibiremwa byayo, Lusiferi yashishikariye ko ari we uhabwa icyubahiro kandi agakorerwa n'abo mu ijuru. Kubwo kwifuza icyubahiro Imana ihoraho yari yarahaye Umwana wayo, uyu wari umutware w'abamarayika yararikiye ubutware bwari bugenewe Kristo wenyine.

Ijuru ryose ryishimiraga kugaragaza ikuzo ry'Umuremyi no kumusingiza. Igihe Imana yahabwaga ikuzo ityo, mu ijuru hose hari amahoro n'umunezero. Ariko akajwi kamwe kanyuranyije n'andi noneho kahungabanyije uguhuza kwari mu ijuru. Kwishyira hejuru, gucisha ukubiri n'umugambi w'Umuremyi byateye kwikanga ikibi mu bashyiraga imbere ikuzo ry'Imana. Nuko mu ijuru hateranira inama zo gukebura Lusiferi. Umwana w'Imana yamweretse ugukomera, ubugwaneza ndetse n'ubutabera bw'Umuremyi, kandi anamwereka kamere itunganye kandi idahinduka y'amategeko y'Imana. Imana ubwayo ni yo yari yarashyizeho gahunda ikurikizwa mu ijuru; kandi gucisha ukubiri n'iyo gahunda byatumye Lusiferi asuzugura Umuremyi we maze yizanira kurimbuka. Nyamara imiburo yakomeje gutanganwa urukundo n'imbabazi ariko icyo yakoze ni ukumutera kwinangira. Lusiferi yemereye ishyari yari afitiye Kristo kumuganza, maze arushaho gushikama ku mugambi we.

Kwirata ikuzo yari afite ni byo byamuteye kwifuza umwanya ukomeye. Icyubahiro gikomeye cyane Lusiferi yari yarahawe n'Imana nk'impano ntiyanyuzwe na cyo kandi ntibyamuteye gushima Umuremyi. Yishimiye kurabagirana kwe no gushyirwa hejuru maze yifuza guhwana n'Imana.

Abamarayika bose bo mu ijuru baramukundaga kandi bakamwubaha. Abamarayika na none bishimiraga gukora ibyo abategetse, kandi yabarushaga ubwenge n'ubwiza. Nyamara bose bari bazi ko Umwana w'Imana ari Igikomangoma cy'ijuru, kandi ko ahuje na Se ububasha n'ubutware. Mu nama zose z'Imana, Kristo yabaga azirimo mu gihe Lusiferi we atari yemerewe kujya mu nama z'Imana. Uyu mumarayika ukomeye yarabajije ati: "Kuki Kristo yagira isumbwe? Ni mpamvu ki yahabwa

698 Ezekiyeli 28:12-15.

699 Yesaya 14:13,14.

icyubahiro kirenze icya Lusiferi?"

Lusiferi yavuye mu mwanya yari arimo imbere y'Imana maze ajya gukwirakwiza umwuka wo kutanyurwa mu bamarayika. Yamaze igihe akorera mu ibanga, ahisha abandi bamarayika imigambi ye nyakuri mu kwerekana ko yubaha Imana. Yihatiye guteza kutanyurwa n'amategeko agenga ab'ijuru, akavuga ko ayo mategeko asaba ibintu bitari ngombwa. Kubera ko kamere y'abamarayika yari itunganye, yasabaga ko bakwiriye kumvira ubushake bwabo. Yashakaga uko yabikururira bakamuyoboka avuga ko Imana itamugiriye iby'ubutabera ubwo yahaga Kristo icyubahiro kirenze. Yavugaga ko mu gushaka ubutware buruseho ndetse n'icyubahiro atagamije kwishyira hejuru, ko ahubwo ashaka guhesha umudendezo abaturage bose bari mu ijuru, kandi kubw'ibyo bashobora kugera ku rugero rw'imibereho rwisumbuye.

Imana kubw'imbabazi zayo nyinshi yihanganiye Lusiferi igihe kirekire. Ntabwo igihe cya mbere yahaga icyicaro umwuka we wo kutanyurwa yahereye ko akurwa mu mwanya we w'icyubahiro yari yarahawe, haba ndetse n'igihe yatangiraga kugenda avugira ibinyoma imbere y'abamarayika bumvira. Yamaze igihe kirekire arekewe mu ijuru. Inshuro nyinshi yagiye asezeranirwa ko azababarirwa naramuka yihannye kandi akayoboka Imana. Umuhati mwinshi washoboraga gukoreshwa n'Imana y'urukundo n'ubwenge butagerwa warakoreshejwe kugira ngo Lusiferi yemezwe ikosa rye. Umwuka wo kutanyurwa ntiwari warigeze umenyekana mu ijuru. Ku ikubitiro na Lusiferi ntiyamenye ibyo yakoraga; ntabwo yasobanukirwaga neza na kamere nyakuri y'ibyari muri we. Ariko ubwo uko kutanyurwa kwe kwagaragazwaga ko nta shingiro gufite, ntabwo Lusiferi yemeye ko ari mu mafuti, ntiyemeye ko amabwiriza y'ijuru atunganye kandi ko akwiriye kuyazirikana nk'uko yemerwaga mbere hose n'ab'ijuru bose. Iyo abigenza atyo, aba yarikijije ubwe kandi agakiza n'abamarayika benshi. Muri icyo gihe ntiyemeye guha Imana icyubahiro abikuye ku mutima. Nubwo yari yaranze umwanya we wo kuba umukerubi utwikira, ariko iyo aza kugira ubushake bwo kugarukira Imana, akemera ubuhanga bw'Umuremyi, kandi akanyurwa no kuba mu mwanya yashyizwemo ubwo Imana yakoraga umugambi wayo ukomeye, aba yarasubijwe ku nshingano ye. Ariko ubwibone bwamubujije kwicisha bugufi. Yakomeje gushyigikira inzira yahisemo adatezuka, akomeza kwinangira avuga ko adakeneye kwihana, ahubwo yiyemeza rwose gushoza intambara ikomeye arwanya Umuremyi we.

Guhera ubwo atangira gukoresha imbaraga ze zose n'ubuhendanyi bwose yoshya abamarayika yayoboraga ngo bamukurikire. Ndetse n'imiburo Yesu yari yamuhaye amugira inama yo kureka ubwo bugome yarayigoretse ayihinduramo gahunda ze z'ubugambanyi. Abamarayika bamugiriraga icyizere cyane yari yarabagaragarije ko yarenganyijwe, ko umwanya yari arimo utubashywe, kandi ko umudendezo we ugiye kugabanywa. Yahereye ku kugoreka amagambo ya Kristo maze akurikizaho kubeshya, arega Umwana w'Imana ko afite umugambi wo kumucisha bugufi imbere y'abatuye ijuru. Yanashatse kandi uko yateza ikibazo hagati ye n'abamarayika bumvira Imana. Abamarayika bose atashoboraga kwigarurira ngo abashyire mu ruhande rwe, yabareze kutagira icyo bitaho mu bireba abo mu ijuru. Umurimo mubi we ubwe yakoraga yawugeretse ku bamarayika bakomeje kuba indahemuka ku Mana. Kandi kugira ngo ashyigikire ikirego yaregaga Imana ko yamurenganyije, yifashishije kugoreka amagambo n'ibikorwa by'Umuremyi. Byari umugambi we wo gutera abamarayika gushidikanya akoresheje ingingo z'uburiganya ku byerekeye imigambi y'Imana. Ikintu cyose cyari cyoroshye cyumvikana yagihinduye amayobera, kandi kubw'uburyarya atera gushidikanya ku magambo yumvikana yavuzwe na Yehova. Umwanya wo hejuru yari afite, kandi akaba yari yegereye ubuyobozi bw'Imana, byatumye ibinyoma bye bigira imbaraga bityo bitera abamarayika benshi kwifatanya na we mu kugomera ubutegetsi bw'Ijuru.

Imana kubw'ubwenge bwayo, yemereye Satani gukomeza umurimo we kugeza igihe umwuka w'urwango wagwiriye ugahinduka kwivumbagatanya. Byari ngombwa ko imigambi ya Satani ikura mu buryo bwuzuye maze kamere nyakuri y'iyo migambi ndetse n'aho yerekeza bikagaragarira bose. Nk'umukerubi wasizwe, Lusiferi yari yarashyizwe hejuru cyane; yakundwaga cyane n'abo mu ijuru, kandi bamugiriraga icyizere gikomeye. Ubutegetsi bw'Imana ntibwagarukiraga gusa ku baturage bo mu ijuru, ahubwo bwarimo n'amasi yose Imana yaremye; bityo Satani yibwiraga ko nabasha gushora abamarayika bo mu ijuru mu kugomera Imana, azanabasha kwigarurira andi masi. Yakoresheje uburyarya n'ubucakura bukomeye kugira ngo afate ibitekerezo by'abo ashaka kugira abayoboke be. Yari afite imbaraga zikomeye z'ubushukanyi, kandi kubwo kwiyoberanya yitwikiriye ikinyoma, yari yageze ku ntego ye. Ndetse n'abamarayika bayoboka Imana ntibashoboraga kumenya neza imico ye cyangwa ngo babone aho ibyo yakoraga byerekeza.

Satani yari yarubashywe cyane, kandi ibyo yakoraga byose byari amayobera ku buryo byari bikomereye abamarayika gutahura kamere nyakuri y'ibyo yakoraga. Igihe icyaha cyari kitarakura rwose mu buryo bwuzuye, nticyashoboraga kugaragara ko ari kibi nk'uko cyari kiri. Kuva mbere hose kugeza ubwo, icyaha nticyari cyaragize umwanya mu isanzure ryaremwe n'Imana kandi ibiremwa bizira inenge ntibyari bisobanukiwe ka kamere yacyo n'ububi bwacyo. Ntabwo bashoboraga kumenya ingaruka ziteye ubwoba zari guturuka ku kwirengagiza amategeko y'Imana. Bigitangira, Satani yari yarahishe umurimo we awutwikiriza ibisa no kubaha Imana. Yavugaga ko aharanira icyubahiro cy'Imana, umutekano no guhama by'ubutegetsi bwayo ndetse n'ibyiza by'abo mu ijuru bose. Ubwo yinjizaga kutanyurwa mu ntekerezo z'abamarayika yayoboraga, yari yaragiye akorana uburyarya bukomeye yerekana ko ashaka gukura kutanyurwa mu ijuru. Ubwo yasabaga ko muri gahunda n'amategeko by'ingoma y'Imana habamo impinduka, yabikoze yitwaje ko ibyo ari ngombwa kugira ngo mu ijuru hakomeze kuba uguhuza n'ubumwe.

Mu mikorere yayo mu guhangana n'icyaha, Imana yakoresheje ubutungane n'ukuri. Satani we yagombaga gukoresha ibyo Imana itashoboraga gukoresha ari byo: uburyarya n'ubushukanyi. Yashatse uko agoreka ijambo ry'Imana kandi agaragariza nabi imigambi y'ubutegetsi bw'Imana imbere y'abamarayika, akavuga ko Imana atari intabera mu gushyiriraho amategeko n'amabwiriza abaturage bo mu ijuru. Yavugaga kandi ko iyo Imana isaba ibiremwa byayo kuyiyoboka no kuyumvira, ngo ubwo Imana ubwayo iba yishakira kwishyira hejuru. Kubw'ibyo rero, byagombaga kugaragazwa imbere y'abaturage bo mu ijuru n'abo mu yandi masi ko ubutegetsi bw'Imana butabera kandi amategeko yayo atunganye. Satani yari yaratumye bigaragara ko we ubwe ashaka ko mu isi no mu ijuru n'isanzure ryose bamererwa neza. Imico nyakuri y'uwo mugome ndetse n'intego ze nyakuri bigomba kumenywa n'abantu bose. Akwiriye guhabwa igihe cyo kwigaragaza binyuze mu bikorwa bye

bibi.

Amacakubiri imikorere ye yateje mu ijuru, Satani ubwe yayageretse ku mategeko y'Imana n'ubutegetsi bwayo. Yavuze ko ibibi byose ari ingaruka z'ubutegetsi bw'Imana. Yavugaga ko umugambi we bwite ari ukurushaho gutunganya amategeko ya Yehova. Kubw'ibyo rero byari ngombwa ko yerekana uko ibyo atangaza bimeze, kandi akagaragaza n'icyakorwa muri izo mpinduka yavugaga ko zaba ku mategeko y'Imana. Ibyo akora ubwe ni byo bigomba kumuciraho iteka. Kuva agitangira, Satani yagiye avuga ko atari kwigomeka. Isi n'ijuru bigomba kubona uwo mushukanyi ashyizwe ku karubanda.

N'igihe umwanzuro wari umaze gufatwa ko atagikwiriye kuguma mu ijuru, Imana ntiyahise irimbura Satani. Kubera ko umurimo ukoranywe urukundo ari wo wonyine wemerwa n'Imana, ukuyubaha no kuyiyoboka kw'ibiremwa byayo bigomba gushingira ku kwemera ubutabera bwayo no kugira neza kwayo. Kubera ko abaturage bo mu ijuru n'abo mu yandi masi batari biteguye gusobanukirwa kamere y'icyaha n'ingaruka zacyo, iyo Satani arimburwa icyo gihe ntibashoboraga kuzasobanukirwa ubutabera n'imbabazi by'Imana. Iyo aherako arimburwa, bari kujya bakorera Imana babitewe n'ubwoba aho kuyikorera biturutse ku rukundo. Amoshya y'umushukanyi ntiyajyaga kuba atsembweho burundu, kandi n'umwuka w'ubwigomeke ntiwajyaga kuba uranduranywe n'imizi yawo. Ikibi cyagombaga kurekwa kikabanza gukura. Kubw'ibyiza by'abo mu ijuru no mu isi bose n'abo mu yandi masi, Satani agomba kubanza gukwiza amahame y'ubugome bwe mu bihe byose, kugira ngo ibyo arega ubutegetsi bw'Imana bigaragarire abaremwe bose muri kamere yabyo nyakuri no kugira ngo ubutabera bw'Imana, urukundo rwayo no kudahinduka kw'amategeko yayo bye kuzigera bigirwaho ikibazo iteka ryose.

Ubwigomeke bwa Satani bwagombaga kubera icyigisho gikomeye abatuye isi n'ijuru bo mu bihe byose byajyaga kuzakurikiraho, bukaba igihamya gihoraho kigaragaza kamere y'icyaha n'ingaruka zacyo zishishana. Ishyirwa mu bikorwa rya gahunda ya Satani, ingaruka byagize ku bantu no ku bamarayika byagombaga kwerekana umusaruro uva mu kwirengagiza ubutegetsi bw'Imana. Byagombaga guhamya ko kubaho k'ubutegetsi bw'Imana n'amategeko ari byo shingiro ryo kugubwa neza kw'ibyo yaremye byose. Bityo rero, amateka y'uko kwigomeka gushishana yagombaga kuzaba uburinzi buhoraho ku bamarayika bera, kugira ngo abarinde kuba bashukwa ku byerekeye kamere yo kugomera amategeko, akabarinda gukora icyaha no kuzababazwa n'igihano cyacyo.

Ubwo intambara yo mu ijuru yari igeze mu mahenuka rwose, uwo mushukanyi ukomeye yakomeje kugaragaza ko afite ukuri. Ubwo hatangwaga itangazo ko Satani n'abamarayika bose bamuyobotse bagomba gucibwa mu ijuru, ni bwo uwo muyobozi w'abigometse yashyize ku mugaragaro ko arwanya amategeko y'Imana. Yongeye gusubira mu byo yavuze mbere ko abamarayika badakeneye kugenzurwa, ko ahubwo bakwiriye kurekwa bagakurikiza ubushake bwabo kandi ko ibyo ari byo bizabayobora neza. Yarwanyije amategeko y'Imana avuga ko ababuza umudendezo kandi atangaza ko umugambi we ari uwo gukuraho ayo mategeko. Yavuze ko urwo ruzitiro rukuweho byatuma ingabo zo mu ijuru zarushaho kugira icyubahiro n'imibereho myiza kuruta mbere.

Satani n'ingabo ze bahuje umubambi maze ikosa ryo kwigomeka kwabo

barishyira kuri Kristo. Bavuze ko iyo bataza gucyahwa bataba barigometse. Bityo binangiye muri ubwo bwigomeke bwabo, bashaka gukuraho ubutegetsi bw'Imana ariko biba iby'ubusa. Nyamara bakomeje gutuka Imana bavuga ko ari bazira akarengane gaterwa n'ubutegetsi bw'igitugu, bityo amaherezo uwo mugome ruharwa n'abayoboke be bose bacibwa mu ijuru.

Umwuka watangije ubwigomeke mu ijuru uracyateza ubwigomeke ku isi. Satani akomeje kugenza abantu nk'uko yakoze ku bamarayika. Muri iki gihe umwuka we uganje mu batumvira. Nk'uko na we yabigenje, bashaka gukuraho ibyo amategeko y'Imana ababuza maze bagasezeranira abantu umudendezo bazagira binyuze mu kurenga ku byo ayo mategeko asaba. Gucyaha icyaha biracyabyutsa umwuka w'urwango no kwinangira. Iyo ubutumwa bw'Imana buburira abantu bugeze mu mutima, Satani atera abantu kwigira abere no gushaka ababashyigikira mu cyaha cyabo. Mu cyimbo cyo gukosora amakosa yabo, barakarira ubacyaha nk'aho ari we ntandaro y'ibibazo. Uhereye mu gihe cy'umukiranutsi Abeli ukageza none, uwo ni wo mwuka wagiye ugaragarizwa abantu batinyuka gucyaha icyaha.

Satani ashora abantu mu gukora icyaha akoresheje kugaragaraza nabi imico y'Imana nk'uko yabigenje mu ijuru, agatera abantu kubona Imana nk'intavumera n'inyagitugu. Ubwo yari amaze kubigeraho, yavuze ko amategeko y'Imana adatunganye ari yo yateye umuntu gucumura nk'uko na we ari yo yamuteye kwigomeka.

Ariko Uwiteka Imana ubwe atangaza imico ye muri aya magambo ati: "Uwiteka, Uwiteka, Imana y'ibambe n'imbabazi, itinda kurakara, ifite kugira neza kwinshi n'umurava mwinshi, igumanira abantu imbabazi, ikageza ku buzukuruza babo b'ibihe igihumbi, ibabarira gukiranirwa n'ibicumuro n'ibyaha."[700]

Ubwo Satani yacibwaga mu ijuru, Imana yerekanye ubutabera bwayo kandi ifuhira icyubahiro cy'ingoma yayo. Ariko ubwo umuntu yakoraga icyaha bitewe no kwemera uburiganya bwa Satani, Imana yatanze igihamya cy'urukundo rwayo ubwo yatangaga Umwana wayo w'ikinege kugira ngo apfire abantu bacumuye. Imico y'Imana igaragarira mu gitambo cy'i Kaluvari. Umusaraba utanga igihamya gikomeye ku isanzure ryose ko gukora icyaha Satani yahisemo ari nta mpamvu n'imwe gufite yo gushinjwa ubutegetsi bw'Imana.

Mu ntambara yari ihanganishije Kristo na Satani igihe Yesu yakoraga umurimo we hano ku isi, imico nyakuri y'umushukanyi ukomeye yarigaragaje. Nta kintu cyatumye abamarayika bo mu ijuru ndetse n'abo mu masi ataracumuye bazinukwa Satani nk'ubugome bw'indengakamere yagiriye Umucunguzi w'isi. Guhangara gutuka Imana yagize ubwo yasabaga Kristo kumupfukamira, guhangara kumujyana mu mpinga y'umusozi no kumuhagarika ku gasongero k'urusengero, uburiganya yamugeragereseheje amusaba kwijugunya hasi aturutse ahantu harehare cyane, ubugome budacogora bwamuhigaga aho yajyaga hose maze Satani agatera abatambyi na rubanda kwanga urukundo rwe kandi amaherezo bagatera hejuru bati: "Nabambwe! Nabambwe!" -ibyo byose byatangaje kandi bibabaza isi n'ijuru.

Satani ni we wateye abantu kwanga Kristo. Shebuja w'ikibi yakoresheje imbaraga ze zose n'uburyarya bwe bwose kugira ngo arimbure Yesu. Ibyo yabitewe n'uko

700 Kuva 43:6,7.

yabonaga ko imbabazi, impuhwe n'urukundo by'Umukiza bigaragariza abatuye isi imico y'Imana. Satani yarwanyaga icyo Umwana w'Imana yavugaga cyose kandi yakoreshaga abantu nk'abakozi be kugira ngo yuzuze imibabaro n'agahinda mu mibereho y'Umukiza. Ubucakura bwinshi n'ibinyoma yakoresheje kugira ngo akome umurimo wa Yesu mu nkokora, urwango yagaragarije mu batumvira Imana, ibirego bye byuzuye ubugome yashinje Yesu warangwaga n'imibereho y'ubugwaneza butagereranywa, ibyo byose byakomokaga ku kwihorera. Umuriro w'ishyari n'ubugome, urwango no kwihorera wagurumaniye i Kalivari ku Mwana w'Imana, mu gihe abo mu ijuru bose bitegerezaga ibyabaga bacecetse kandi banyinyiriwe.

Ubwo yari amaze kwitangaho igitambo gikomeye, Kristo yarazamutse ajya mu ijuru, ntiyakundira abamarayika kumuramya atarasaba Se agira ati: "Data, abo wampaye, ndashaka ko aho ndi nabo babana nanjye." Yohana 17:24. Ku ntebe y'ubwami bw'Imana haturutse igisubizo cyuzuye urukundo n'imbaraga bitarondorwa ngo: "Abamarayika b'Imana bose bamuramye." Abaheburayo 1:6. Nta nenge Yesu yari afite. Gucishwa bugufi kwe kwari kurangiye, igitambo cye cyari kirangiye maze ahabwa izina riruta andi mazina yose.

Noneho icyaha cya Satani nta rwitwazo cyari kigifite. Yari yaragaragaje imico ye nyakuri ko ari umubeshyi n'umwicanyi. Byagaragaye ko umwuka yayobozaga abantu bari munsi y'ubutegetsi bwe ari na wo aba yarategekesheje iyo aza kwemererwa kuyobora abo mu ijuru. Yari yaravuze ko kugomera amategeko y'Imana bizatuma habaho umudendezo no guhabwa icyubahiro kirenze; nyamara byagaragaye ko ingaruka zabyo ari ukuba mu bubata no guta agaciro.

Ibirego by'ibinyoma Satani yashinjaga imico y'Imana n'ubutegetsi bwayo, byagaragaye nk'uko biri. Yari yarareze Imana ko igihe isaba ibiremwa byayo kuyiyoboka no kuyubaha ngo iba yishakira kwishyira hejuru gusa. Satani yari yaravuze kandi ko Imana isaba abandi kwitanga ariko yo ntibikore kandi ntigire igitambo itanga. Noneho byari bigaragaye ko kugira ngo agakiza k'abantu baguye bagahinduka abanyabyaha kagerweho, Umutegetsi w'ijuru n'isi yatanze igitambo kiruta ibindi urukundo rubasha gutanga kuko "muri Kristo ari mo Imana yiyungiye n'abari mu isi." 2Abakorinto 5:19. Na none kandi byagaragaye ko nubwo Lusiferi yaciriye icyaha icyanzu kubwo gushaka icyubahiro n'isumbwe, Yesu Kristo we yicishije bugufi, yemera kumvira kugeza ku rupfu kugira ngo arimbure icyaha.

Imana yari yaragaragaje uko yanga amahame y'ubwigomeke. Ijuru ryose ryabonye ukuntu ubutabera bwayo bwagaragariye haba mu gucira Satani ho iteka no mu gucungura umuntu. Lusiferi yari yaravuze ko niba amategeko y'Imana adahinduka kandi igihano gikomotse ku kutayumvira kikaba kitabasha gukurwaho, abica ayo mategeko bose batagomba kugirirwa ubuntu n'Umuremyi. Yari yaravuze ko inyokomuntu yacumuye itabasha gucungurwa kandi ko kubera iyo mpamvu abantu babaye umuhigo we afiteho uburenganzira. Nyamara urupfu rwa Kristo rwabaye ingingo iburanira umuntu idashobora gutsindwa. Igihano cyagenwe n'amategeko cyahanwe Uwari uhwanye n'Imana, bityo umuntu aba agize umudendezo wo kwemera ubutungane bwa Kristo, kandi kubw'imibereho yo kwihana no kwicisha bugufi, abashishwa kunesha imbaraga za Satani nk'uko Umwana w'Imana yanesheje. Uko ni ko Imana ari intabera nyamara kandi igatsindishiriza abizera Yesu Kristo bose.

Ariko icyazanye Kristo ku isi kuyibabarizwaho no kuyipfiraho ntabwo byari ugusohoza umugambi wo gucungura umuntu gusa. Yazanywe kandi no "guha amategeko y'Imana agaciro" no "kuyubahisha." Ntabwo yazanywe mu isi gusa no kugira ngo abaturage bayo babone amategeko nk'uko akwiriye gufatwa; ahubwo yanazanwe no kugaragariza isanzure ryose ko amatageko y'Imana adahinduka. Iyo amategeko y'Imana akurwaho, Umwana w'Imana ntaba yaratangiye ubugingo bwe kuba impongano y'icyaha cyo kuyagomera. Urupfu rwa Kristo ruhamya ko amategeko y'Imana adahinduka. Igitambo cyatanzwe kubwo urukundo rw'Imana n'Umwana wayo kugira ngo abanyabyaha bacungurwe, kigaragariza isi n'ijuru ko ubutabera n'imbabazi ari byo rufatiro rw'amategeko y'Imana n'ubutegetsi bwayo.

Mu gihe cy'irangizarubanza bizagaragara ko icyaha nta shingiro gifite. Igihe Umucamanza w'isi yose azabaza Satani ati: "Ni mpamvu ki wanyigometseho kandi ukanyaga bamwe bo mu bwami bwanjye?" nyirabayazana w'ikibi nta rwitwazo azatanga. Akanwa kose kazacecekeshwa, kandi abamarayika bose bigometse bazabura icyo bavuga.

Nubwo umusaraba w'i Kaluvari werekana ko amategeko y'Imana adahinduka, ugaragariza isi n'ijuru n'isanzure ko ibihembo by'ibyaha ari urupfu. Mu ijambo Umukiza yavuze ubwo yapfiraga ku musaraba agira ati: "Birarangiye", ryasobanuraga ko inzogera ya nyuma ihamya urupfu rwa Satani ivuze. Intambara ikomeye yari imaze igihe kirekire yari ifatiwe umwanzuro ubwo, kurandurwa guheruka kw'ikibi kwari kugizwe impamo. Umwana w'Imana yarapfuye arazuka kugira ngo, "urupfu rwe aruhinduze ubusa ufite ubutware bw'urupfu, ari we Satani." Abaheburayo 2:14. Icyifuzo cya Lusiferi cyo kwikuza cyari cyaramuteye kuvuga ati: "Nzakuza intebe yanjye y'ubwami, isumbe inyenyeri z'Imana . . .nzaba nk'Isumbabyose."

Uwiteka aravuga ati: "Nzaguhindurira ivu imbere y'abakureba bose, . . . ntabwo uzongera kubaho ukundi."[701] Igihe "hazaba umunsi utwika nk'itanura ry'umuriro, abibone bose n'inkozi z'ibibi zose bazaba ibishingwe, maze habe umunsi uzabatwika bashire, ni ko Uwiteka Nyiringabo avuga, "Ntuzabasigira umuzi cyangwa ishami." Malaki 4:1.

Isi n'ijuru n'isanzure bizaba byarabaye abahanywa biboneye kamere y'icyaha n'ingaruka zacyo. Kandi gutsembwa kwacyo burundu byajyaga gutera ubwoba abamarayika bikanasuzuguza Imana iyo bikorwa mbere, noneho bizahamya urukundo rwayo kandi bishimangire icyubahiro cyayo imbere y'imbaga y'abishimira gukora ibyo Imana ishaka kandi bafite amategeko yayo mu mitima yabo. Ntabwo icyaha kizongera kubaho ukundi. Ijambo ry'Imana riravuga riti: "Ntabwo umubabaro uzahagaruka ubwa kabiri." Nahumu 1:9. Amategeko y'Imana Satani yarwanyije avuga ko ari umutwaro w'ububata, azubahirizwa nk'amategeko atera umudendezo. Abanyuze mu bigeragezo bagakomeza kuba indahemuka ntibazongera kureka kuyoboka Imana. Bazaba baragaragarijwe imico yayo ko ari urukundo rutarondoreka n'ubwenge butagira iherezo.

701 Yesaya 14:13,14; Ezekiyeli 28:18,19.

Igice cya 30
URWANGO HAGATI Y'UMUNTU NA SATANI

"Nzashyira urwango hagati yawe n'uyu mugore, no hagati y'urubyaro rwawe n'urwe, ruzagukomeretsa umutwe nawe uzarukomeretsa agatsinsino"[702]. Urubanza Imana yaciriye Satani nyuma yo gucumura k'umuntu, na rwo rwari ubuhanuzi bukomatanya ibihe byose kugeza ku munsi w'imperuka, kandi bugatunga agatoki ku ntambara ikomeye y'abantu b'amoko yose yagombaga gutura ku isi.

Imana iravuga iti: "Nzashyira urwango". Uru rwango si rwa rundi rusanzwe mu bantu. Ubwo umuntu yicaga amategeko y'Imana, kamere ye yahindutse iyo gukora icyaha, maze yunga ubumwe na Satani. Ubwo rero mu buryo busanzwe nta rwango rwari rukiri hagati y'umunyabyaha n'inkomoko y'icyaha. Bombi babaye babi binyuze mu buhakanyi. Umuhakanyi nta na rimwe aruhuka, keretse amaze kubona abafatanya nawe gukurikiza icyitegererezo cye. Kubwo iyo mpamvu, abamarayika bacumuye hamwe n'abantu bagomye bishyize hamwe. Iyo Imana itahagoboka, Satani n'umuntu baba barafatanije kugomera Ijuru; maze aho guharanira kwanga Satani, ikiremwamuntu cyose uko cyakabaye kigahagurukira rimwe kurwanya Imana.

Satani yoheje umuntu gukora icyaha nk'uko yoheje abamarayika kugomera Imana, kugira ngo abone abo bafatanya mu mugambi we wo kurwanya Ijuru. Nta kutumvikana kwari hagati ye n'abamarayika bagomye kubyerekeranye n'urwango bari bafitiye Kristo; n'ubwo mu bindi batahuzaga, biyungiye kurwanya ububasha bw'Umutegetsi w'isi n'ijuru. Ariko ubwo Satani yumvaga itangazo rivuga ko hagati ye n'umugore hagomba kuba urwango ndetse no hagati y'abazabakomokaho, nibwo yamenye ko umuhati we wose wo guhindanya ishusho ya mwene muntu uzagira ikiwukoma mu nkokora; ko hari ubwo umuntu yazabashishwa kwiganzura imbaraga ze.

Urwango Satani yanga ikiremwamuntu rwarabyutse, bitewe n'uko binyuze muri Yesu Kristo, ikiremwamuntu nicyo shingiro ry' urukundo n'imbabazi by'Imana. Yifuza kugwabiza umugambi w'Imana wo gucungura umuntu, gusebya Imana akoresheje guhindanya ibyo yaremye; yashakaga guteza umubabaro mu ijuru maze isi yose ikuzuramo ibyago no kwiheba. Kandi yerekana ko ibyo bibi byose bitewe n'uko Imana yaremye umuntu.

Ubuntu bwa Kristo nibwo butera umutima w'umuntu kwanga Satani. Hatabayeho ubu buntu n'imbaraga bihindura, umuntu yajyaga gukomeza kuba imbohe ya Satani, n'umugaragu we uhora yiteguye gukora ibyo amutegetse byose. Ariko ihame rishya ryinjiye mu mutima we, rizana intambara ahahoze amahoro. Imbaraga itangwa na Kristo, ibashisha umuntu guhangana n'umunyagitugu w'umushukanyi. Umuntu wese wanga icyaha mu cyimbo cyo kugikunda, umuntu wese urwanya kandi agatsinda ibishuko bigose umutima, aba yerekanye ko amabwiriza y'ijuru akorera muri we.

702 Itangiriro 3:15

Urwango ruri hagati ya Kristo na Satani rwigaragaje cyane igihe isi yakiraga Yesu. Kuba Abayuda baramwamaganye ntibyatewe n'uko ataje mu isi afite ubutunzi bw'isi, ishusho nziza, cyangwa ngo abe umuntu ukomeye. Babonye ko yari afite imbaraga ikomeye yari irenze cyane ibyo byose bigaragarira amaso. Nyamara ubutungane n'ubuziranenge bya Kristo, nibyo byabyukije urwangano rw'abatubaha Imana. Imibereho ye yarangwaga n'ubwitange kandi izira inenge, yari igihamya gihoraho kuri ubwo bwoko bwishyiraga hejuru kandi butagonda ijosi. Ibyo nibyo byabyukirije urwango banze Umwana w'Imana. Satani n'abamarayika babi, bifatanya n'abantu b'abanyangeso mbi. Imbaraga zose z'ubuhakanyi zahurijwe hamwe kurwanya Uhagarariye ukuri.

Urwo rwango ni rwo rugaragara ku bakurikira Kristo nk'uko rwagaragaye kuri Shebuja. Umuntu wese usobanukirwa n'imiterere mibi y'icyaha, maze kubwo imbaraga z'Imana agatsinda ibishuko, nta gushidikanya azatuma uburakari bwa Satani n'ubw'ingabo ze bimugurumanira. Kwanga amabwiriza y'ukuri, kurenganya no gutoteza abaguhagarariye bizahoraho igihe cyose icyaha n'abanyabyaha bizaba bikiriho. Abakurikira Kristo n'abakozi ba Satani, ntibashobora na rimwe guhuza. "Erega n'ubundi abashaka guhora bubaha Imana bose, ni ukuri bazatotezwa kubera Kristo Yesu!" [703]

Abakozi ba Satani barakorana umwete umurimo wabo kandi ariwe ubayoboye, kugira ngo bashyireho ubutegetsi bwe, maze bimike ingoma ye ihangane n'ubutegetsi bw'Imana. Muri iki gihe giheruka barashaka kuyobya abizera Kristo ngo babavane mu nzira y'ukuri. Nk'uko umutware wabo yabigenje, bagoreka Ibyanditswe kugira ngo bagere ku mugambi wabo. Nk'uko Satani yihatiye gusebya Imana niko n'abakozi be bakora kugira ngo bayobye ubwoko bw'Imana. Umwuka watumye Kristo apfa, niwo ukorera mu babi kugira ngo barimbure n'abizera Kristo bose. Ibi nibyo byavugiwe mu buhanuzi bwa mbere ngo: "Nzashyira urwango hagati yawe n'uyu mugore no hagati y'urubyaro rwawe n'urwe". Kandi ibyo bizahoraho kugeza ku mperuka y'ibihe.

Satani ahuruza ingabo ze zose kandi agakoresha n'imbaraga ze zose muri iyo ntambara ikomeye. Ni kuki adahura n'abamurwanya bashikamye? Kuki ingabo za Kristo zisinziriye, nta cyo zitayeho? Nta sano nyakuri bafitanye na Kristo kandi bakaba batakiyoborwa n'Umwuka Muziranenge. Ntabwo bacanye umubano n'icyaha na Shebuja, ntibakizinutswe burundu. Ntabwo bafashe umugambi wo kurwanya icyaha ubudatezuka nk'Umukiza wabo. Ntibasobanukiwe neza n'imbaraga z'ububi n'ubucakura bw'icyaha, kamere n'imbaraga by'umutware w'umwijima byabahumye amaso. Nta bwo bazinutswe Satani n'imirimo ye, kuko batasobanukiwe n'ububasha bw'ubuhendanyi bwe, ntibanasobanukirwa n'intambara ikomeye Satani arwana na Kristo n'itorero rye. Aha niho abenshi bayobera. Ntibazi ko umwanzi wabo ari umugaba ukomeye utegeka abamarayika babi, kandi ko akoresha umugambi yacuze kera urimo ubuhanga bukomeye arwanya Kristo kugira ngo avutse abantu agakiza.

Haba mu biyita Abakristo, ndetse no mu babwiriza b'ubutumwa bwiza, nigake wakumva bavuga kuri Satani, keretse gusa igihe babwiriza ku ruhimbi, nabwo bisa n'ibibagwiririye. Ntibita kubyo Satani akomeza gukora n'ibyo yagezeho;

703 2 Timoteyo 3:15

bagahinyura imiburo y'ubushukanyi bwe; ariko bagasa n'abatazi ko abaho rwose.

Iyo benshi badasobanukiwe n'ubuhendanyi bwe, uwo mwanzi w'imitima ahora ari maso, abubikiriye igihe cyose. Yinjira mu byumba by'amazu yose, no mu nzira zo mu midugudu yacu yose, mu nsengero, mu nama z'ubutegetsi, mu nkiko zica imanza, akabateramo gushidikanya, akabayobya, akabashukashuka, ahantu hose akangiza imitima myinshi, agahindanya imibiri y'abagabo, abagore n'abana, agasenya imiryango, akabiba inzangano mu bantu, kwifuza ubukire, amahane, ubuhendanyi n'ubwicanyi. Maze aho Abakristo bari bagasa n'ababona ko ibyo byose bituruka ku Mana kandi bigomba kubaho.

Satani akomeje kwihatira kurwanya abantu b'Imana akoresheje gusenya insika zose zari zibatandukanyije n'isi. Abisirayeli ba kera baguye mu cyaha igihe bivangaga n'amahanga ya gipagani kandi bari barabibujijwe. Nguko uko n'Abisirayeli bo muri iki gihe baguye. "imana y'iki gihe yabahumye imitima, kugira ngo umucyo w'ubutumwa bwiza bwa Kristo, ariwe shusho y'Imana utabatambikira"[704] Abatarafata umwanzuro wo gukurikira Yesu, baba baritangiye kuba abakozi ba Satani. Mu mutima utarahindutse haba harimo gukunda icyaha, kandi ugahora ugishakira urwitwazo. Naho umutima wahindutse, wanga icyaha urunuka, kandi uhora uharanira kugitsinda. Iyo Abakristo bahisemo kwifatanya n'abatubaha Imana kandi batayizera, baba bishyize mu kaga k'ibigeragezo. Satani wiyoberanyije, abarakingiriza ngo batamubona. Ntibabasha kubona ko bene abo bazababera umutego wo kubashyira mu kaga; kandi ko igihe cyose bazaba bafatanyije n'ab'isi mu mico, mu magambo, no mu migenzereze, buhoro buhoro bazakomeza bahume kugeza ubwo bazarindagira.

Gukurikiza imigenzo y'ab'isi bituma isi ihindura itorero; ntibyigera bihindurira isi ku kwakira Kristo. Kwimenyereza icyaha nta kabuza bigera aho bisa nk'aho kitakiri ikibi. Uhitamo gufatanya n'abakozi ba Satani, bidatinze, nawe azagera ubwo atagitinya shebuja wabo. Mu gihe turi mu murimo, tukageragezwa, nk'uko byagenze kuri Daniyeli ari i bwami, dukwiriye kumenya tudashidikanya ko Imana izaturinda; ariko niba ari twe ubwacu twishyize mu bigeragezo, bitinde bitebuke tuzatsindwa.

Kenshi na kenshi umushukanyi akorana n'abadakekwaho kuba mu buyobozi bwe. Abafite ingabire kandi bakagira ubwenge, barishimirwa bagahabwa icyubahiro, nk'aho iyo mico yabo yaba nk'icyiru cyo kutubaha Imana cyangwa igatuma Imana ibareba neza. Ingabire n'umuco bishingikirizaho, ni impano z'Imana; ariko iyo bifashwe nk'ibitanga umwanya w'ubutungane, igihe byakagombye kwegereza abantu Imana, ahubwo bikajyana kure yayo, ku iherezo bibahindukira umuvumo n'umutego. Ibyo bikomeza kuba kuri benshi batekereza ko umuntu wese wumvira, mu ruhande rumwe, akwiriye kwifatanya na Kristo. Nta gicumuro gikomeye kirimo. Ibyo nibyo bikwiriye kuranga imico mbonera ya buri Mukristo wese, kuko ari byo bimenyekanisha idini y'ukuri; ariko bigomba kwegurirwa Imana, cyangwa se bikaba imbaraga z'umubi igihe byiraswe. Umuntu ujijutse w'umuhanga kandi w'imigenzereze myiza wahangara gukora ibiteye isoni, yaba ameze nk'intwaro ityaye cyane mu ntoke za Satani. Kamere y'ubuhendanyi ihora yubikiriye hamwe n'icyitegererezo kibi bamubonana, bituma ahinduka umwanzi ukomeye w'ubutumwa

704 . 2 Abakorinto 4:4

bwiza bwa Kristo kuruta injiji n'abatabimenyereye.

Mu masengesho avuye ku mutima w'ubushake no mu kwishingikiriza ku Mana, Salomo yahawe ubwenge bwatangaje isi yose. Ariko ubwo yari amaze gutera umugongo Isoko y'imbaraga ze, agatangira kwiringira imbaraga ze bwite, ibishuko byamuciye urwaho maze biramutsinda. Nuko rero imbaraga itangaje Imana yari yahaye uwo Mwami w'umunyabwenge kuruta abandi bami bose, yamuhinduye umukozi ukomeye wanga imitima.

Nubwo umwanzi ahora yihatira guhuma intekerezo z'abantu, abakristo ntibakwiriye kwibagirwa na rimwe ko “badakirana n'abafite amaraso n'umubiri, ahubwo bakirana n'abatware, n'abafite ubushobozi n'abategetsi b'iyi si y'umwijima, n'imyuka mibi y'ahantu ho mu ijuru.”[705] Ibyo byanditswe byaburiye abantu b'ibihe byose kugeza no muri iki gihe cyacu: "Mwirinde ibishindisha, mube maso, kuko umurezi wanyu Satani azerera nk'intare yivuga ashaka uwo aconcomera.”[706] "Mwambare intwaro zose z'Imana kugira ngo mubashe guhagarara mudatsinzwe n'uburiganya bwa Satani.”

Guhera mu gihe cya Adamu kugeza mu gihe cyacu, umwanzi wacu ukomeye yakoresheje imbaraga ze zose guhata no kurimbura abantu. Ubu arategura intambara ye iheruka yo kurwanya itorero. Abashaka gukurikira Yesu bose bazashyirwa muri iyo ntambara y'umwanzi utajya agoheka. Uko umukristo agenda arushaho gukurikiza icyitegererezo cy'ijuru, niko arushaho kwerekana ko yiteguye guhangana n'ibitero by'umwanzi. Abantu bose biyeguriye gukorera Imana, bagashaka gutahura ibinyoma by'umwanzi no kwerekana Kristo imbere y'amahanga, bazashobora gutanga ubuhamya nka Pawulo ubwo yavugaga ibyo gukorera Uwiteka n'umutima wicisha bugufi, abogoza amarira ari no mu bigeragezo byinshi.

Satani yateze Yesu ngo amugeragereshe ibishuko biteye ubwoba, ariko mu kigeregezo cyose, umwanzi yaratsinzwe. Izo ntambara zarwanywe ku bwacu; uko gutsinda kwatubereye inzira yo kunesha. Kristo yiteguye guha umuntu wese ubishaka imbaraga yo gutsinda. Nta muntu ushobora gutsindwa na Satani atamutije umurindi. Umushukanyi ntafite ububasha bwo gutegeka ubushake cyangwa guhatira umutima gukora icyaha. Ashobora guteza umubabaro mu mutima w'uwo bahanganye, ariko ntashobora kumwanduza. Ashobora kumuca intege, ariko ntashobora kumuhumanya. Kuba Kristo yaratsinze bikwiye gutuma abamwizera bose kurwana bashikamye urugamba rwo kunesha icyaha na Satani.

705 . Abefeso 6:12
706 . 1 Petero 5:8

IGICE CYA 31

UMURIMO W'IMYUKA MIBI

Gufatanya kw'ibigaragara n'ibitagaragara byo ku isi, umurimo w'Abamarayika b'Imana, n'imirimo y'imyuka mibi, yahishuwe ku mugaragaro mu Byanditswe Byera, kandi bikaba biruhije kubitandukanya mu mateka ya mwenemuntu. Abantu benshi bakomeje guhakana ko imyuka mibi ibaho, kandi bakizera ko n'Abamarayika baziranenge "bakorera abazaragwa agakiza" ari imyuka y'abapfuye. Nyamara Ibyanditswe Byera ntibyigisha gusa kubaho kw'abamarayika bera n'abamarayika babi, ahubwo binagaragaza n'ibihamya bidashidikanywa by'uko atari imyuka y'a bantu bapfuye.

Mbere y'uko umuntu aremwa, Abamarayika bari bariho; kuko igihe Imana yashyiragaho imfatiro z'isi, "inyenyeri zo mu museke zaririmbiye icyarimwe, maze abana b'Imana bose barangura ijwi ry'ibyishimo."[707] Nyuma y'aho umuntu acumuriye, Abamarayika batumwe kujya kurinda igiti cy'ubugingo, kandi ubwo, ni mbere yuko urupfu rugera ku bantu. Kamere y'abamarayika isumba iy'abantu. Kuko Umunyazaburi yavuze ati: "Wari ugiye kumugira nk'abamarayika, aburaho gato".[708]

Ibyanditswe Byera bitumenyesha ibyo umubare, imbaraga n'ubwiza by'abamarayika n'isano bafitanye n'ubutegetsi bw'Imana, ndetse n'uruhare bafite mu murimo wo gucungura umuntu. "Uwiteka yakomeje intebe ye mu ijuru, Ubwami bwe butegeka isi yose."[709] Kandi Umuhanuzi aravuga ati: "Ndongera ndareba numva ijwi ry'abamarayika, bari benshi cyane, ibihumbi n'ibihumbi. Bari bazengurutse ya ntebe ya cyami na bya binyabuzima na ba bakuru."[710] Daniyeli yeretswe intumwa zo mu ijuru kandi zari ibihumbi bitabarika. Intumwa Pawulo abavuga ko ari "ikoraniro ritabarika".[711] Umuhanuzi Ezekiyeli avuga ko izo ntumwa z'Imana zagendaga zinyuranamo "kandi zinyaruka nk'umurabyo."[712] barabagiranishwa n'ikuzo, kandi barihutaga cyane. Marayika wabonekeye ku gituro cy'Umukiza yari "afite mu maso harabagirana, imyambaro ye yeraga nk'urubura", byatumye abarinzi bagira ubwoba, bahinda umushyitsi "bamera nk'abapfuye."[713] Igihe Senakeribu, Umwami w'Abasiriya wishyira hejuru, ubwo yatukaga Imana n'izina ryayo, kandi agatera ubwoba Abisiraheli yirata ko agiye kubarimbura, "muri iryo joro Marayika w'Uwiteka amanukana uburakari atsemba ingabo z'Abasiriya ibihumbi ijana na mirongo inani na bitanu, ari abagabo bakomeye, n'abayobozi n'abagaba b'ingabo bose,"[714] bo mu ngabo za Senakeribu. Nuko asubira mu gihugu cyabo yijimye mu maso kandi akozwe n'isoni.

707 Yobu 38:7
708 Zaburi 8:5
709 Zaburi 103:19-21
710 Ibyahishuwe 5:11
711 Daniel; Abaheburayo 12:22
712 Ezekiyeli 1:14
713 Matayo 28:3,4
714 2 Abami 19: 35; 2 Ingoma 32:21

Abamarayika batumwe gukorera abana b'Imana imirimo y'imbabazi. Batumwe kubwira Aburahamu amasezerano y'imigisha; batumwe ku marembo y'i Sodomu kwa Loti umukiranutsi, kugira ngo bamukure mu irimbukiro; batumwe kuri Eliya ubwo yari acitse intege kandi agiye kwicirwa n'inzara mu butayu; batumwe kuri Elisha, bajyana amagare y'umuriro n'amafarashi, igihe umudugudu muto yari arimo wari ugoswe n'abanzi; batumwe kuri Daniyeli, igihe yari mu ngoro y'umwami w'umupagani ashaka ubwenge mvajuru, cyangwa mu gihe bamujugunyaga mu rwobo ngo ahinduke umuhigo w'intare; batumwe kuri Petero ari mu nzu y'imbohe ya Herode yaciriwe urwo gupfa; batumwe ku banyururu bari bafungiwe muri gereza y'Abanyafilipi; batumwe kuri Pawulo na bagenzi be igihe baterwaga n'umuraba uteye ubwoba mu ijoro ubwo bari mu nyanja ngari; batumwe gukingura umutima wa Kaluneliyo kugira ngo yakire ubutumwa bwiza; batumwe kuri Petero ngo ashyire umusirikare w'umunyamahanga ubutumwa bw'agakiza. Uko niko abamarayika baziranenge bagiye bakorera abantu b'Imana mu bihe byose.

Buri mwigishwa wa Kristo wese yagenewe Marayika wo kumurinda. Abo barinzi bo mu ijuru, bakingira abakiranutsi imbaraga z'umubi. Ibyo na Satani yari abizi nicyo cyatumye avuga ati: 'Mbese Yobu yubahira Imana ubusa ? Ntiwagiye umurinda we n'inzu ye n'ibyo atunze byose ?'[715] Uburyo Imana irinda abantu bayo, bwavuzwe n'Umunyazaburi muri aya magambo: "Marayika w'Uwiteka abambisha amahema yo kugota abamwubaha, akabakiza. " Umukiza yavuze iby'abamwizera ati:"Mwirinde mudasuzugura umwe muri aba bana bato. Ndababwira yuko abamarayika babo bo mu ijuru, bahora bareba mu maso ha Data wo mu ijuru". [716] Abamarayika batumwe gukorera abana b'Imana, bemererwa guhora imbere y'Imana ibihe byose.

None rero, ubwo abantu b'Imana bugarijwe n'imbaraga z'ubushukanyi n'ubucakura bw'umutware w'umwijima utagoheka, bakaba banahanganye n'imbaraga z'imyuka mibi yose, bafite ubwishingizi butajegajega bwo kurindwa n'abamarayika bo mu ijuru. Ubwo bwishingizi ntibwatanzwe kuko butari bukenewe. Niba Imana yarahaye abana bayo isezerano ry'ubuntu n'uburinzi bwayo, ni uko hari ingabo zikomeye z'umubi bagomba gusakirana, ingabo zitabarika, zikora ubudacogora kandi zabyiyemeje, kandi nta n'umwe ukwiriye kuyoberwa ubucakura n'imbaraga zayo cyangwa ngo abure kubwirinda.

Iyo myuka mibi mbere na mbere bari ibiremwa biziranenge, bifite kamere, imbaraga n'ubwiza bihwanye n'ibyo ibiremwa byera byo mu ijuru ari byo ubu byitwa intumwa z'Imana. Ariko bimaze gucumura, byafatanyirije hamwe gutesha Imana agaciro no kurimbura umuntu. Bifatanyije na Satani kwigomeka, maze bakirukananwa mu ijuru, bakomeje gushyigikirana mu ntambara yo kurwanya ubutegetsi bwo mu ijuru uko ibihe byagiye bisimburana. Ibyanditswe Byera bitubwira ibyo ishyirahamwe ryabo, ubutegetsi bwabo n'amategeko yabo y'uburyo bwinshi, ubuhanga bwabo, n'ubwicanyi bwabo, n'uburyarya bwabo, bwo guhungabanya amahoro n'umunezero bya mwenemuntu.

Isezerano rya Kera ryerekana imibereho n'imikorere y'iyo myuka mibi; ariko igihe Kristo yari mu isi, nibwo imyuka mibi yigaragaje mu mbaraga no mu buryo

715 Yobu 1: 9,10
716 Matayo 18:10

bukomeye. Kristo yazanywe no gusohoza umugambi w'inama y'agakiza, ubwo Satani yari yiyemeje kwigarurira isi yose. Yari yarashoboye gukwiza ibigirwamana mu mpande zose z'isi, usibye muri Palestina. Icyo gihugu cyonyine umushukanyi atari yarashoboye kwigarurira, nicyo Yesu yasanzemo abantu, abamurikishiriza umucyo wo mu ijuru. Aho niho imbaraga ebyiri zihanganye zahiganiraga gutsinda. Yesu yari ateze ibiganza bye byuje urukundo, ararika abashaka bose kwakira imbabazi n'amahoro bye. Ingabo z'umwijima zibonye ko nta bubasha busesuye zifite ku isi, kandi zasobanukiwe ko Kristo naramuka ashohoje umurimo we, ubutegetsi bwazo buzakurwaho bidatinze. Satani yagize umujinya nk'uwo intare iziritswe, maze akoresha imbaraga ze zose kura ngo yigarurire imibiri n'imitima by'abantu.

Kuba abantu baterwa n'abadayimoni bigaragarira neza mu Isezerano Rishya. Abababaga bafashwe n'abadayimoni ntibababazwaga gusa n'indwara zisanzwe zitewe n'ibyo. Yesu yari asobanukiwe neza n'icyo arwana nacyo, kandi yari azi ko imyuka mibi iriho n'uko ikora.

Icyitegererezo gikomeye cy'umubare, imbaraga n'ubuhendanyi by'abadayimoni, ndetse n'icy'imbaraga n'imbabazi bya Kristo, byose bigaragarizwa mu Byanditswe igihe yirukanaga abadayimoni mu muntu i Gadara. Abo banyabyago bari batewe n'abadayimoni, ntibashakaga ubegera, bikebeshaga ibyuma, bakabira ifuro, bagahirita, bagataka cyane bavuza induru, bakishwanyagura kandi bakagirira nabi abagerageje kubegera. Imibiri yabo yaraviriranaga, yarahindanye n'intekerezo zabo zari zarangiritse, byerekanaga uburyo umutware w'umwijima yanezerwaga. Umwe mu badayimoni wari wateye abantu yarivugiye ati:"Nitwa Gitero-nyamwinshi kuko turi benshi cyane".[717]Mu ngabo z'Abaroma igitero-nyamwinshi kimwe cyabaga kigizwe n'umubare w'abasirikare kuva ku bihumbi bitatu kugeza ku bihumbi bitanu. Ingabo za Satani nazo ziremamo imitwe, kandi umutwe mutoya w'abadayimoni bari bateye abo bantu babazwe ntibari munsi y'igitero-nyamwinshi kimwe.

Kubwo itegeko rya Yesu, iyo myuka mibi yavuye muri abo bantu, basigara batuje bicaye ku birenge by'Umukiza, bitonze, bafite ubwenge kandi baguye neza. Ariko abadayimoni bahawe uburenganzira bwo kuroha umugana w'ingurube mu nyanja; maze abaturage b'i Gadara babona ko bagize igihombo kubirutisha umugisha yari atanze, maze bituma bahatira Umukiza waturutse mu ijuru kuva aho. Icyo ni cyo Satani yifuzaga kugeraho. Kuba barashinjaga Yesu ko afite uruhare mu gihombo cyabo, Satani yabyuririyeho maze yinjiza inarijye mu mitima y'abo baturage bituma banga kumva amagambo y'Umukiza. Satani akomeje kurega Abakristo ko aribo bateza igihombo, ubukene n'imibabaro, aho gutunga urutoki ku gucumura – kuko ariwe nkomoko ndetse n'ingabo ze.

Nyamara umugambi wa Kristo ntiwagwabijwe. Yemereye imyuka mibi kurimbura umugana w'ingurube kugira ngo acyahe Abayuda boroye ayo matungo zanduye kubwo gushaka indamu. Iyo Yesu ataza kwirukana abo badayimoni mu bantu, ntibajyaga kuroha ingurube mu nyanja gusa, ahubwo bajyaga kuzirohanamo n'abashumba bazo ndetse na bene zo. Kurokoka kw'abashumba na bene izo ngurube kwaturutse gusa ku mbaraga ye n' imbabazi ze byakoreshejwe kugira ngo abakize.

717 Mariko 5:9

Nuko rero, ibyo byabereheyo kugira ngo bibere akabarore abigishwa babone imbaraga zikabije z'ubugome bwa Satani agirira abantu n'inyamaswa. Umukiza yifuzaga ko abigishwa be bamenya umwanzi bagiye kuzasakirana nawe, kugira ngo batazayobywa kandi bagatsindwa n'uburiganya bwe. Nanone kandi yashakaga ko abaturage bo muri ako gace bibonera imbaraga ze zica ingoyi z'ububata bwa Satani zikabohora abo yari yaragize imbohe. Nubwo Yesu ubwe yahavuye, abo bantu bakorewe igitangaza cyo gukizwa basigaye bahamya imbabazi z'uwo Mugiraneza.

Ibindi byitegererezo bihwanye n'ibyo byashyizwe mu Byanditswe. Umwana w'umukobwa w'umunyamahangakazi w'i Fenisiya ho muri Siriya, yari yatewe na dayimoni aramugagaza, maze Yesu amwirukanisha ijambo rye. Hari 'uwatewe na dayimoni, akaba impumyi n'ikiragi; umusore wari wahanzweho na dayimoni itera uburagi, ibihe byinshi yajyaga imuta mu muriro, ubundi ikamuta mu mazi kugira ngo imurimbure'[718];uwari wahanzweho na dayimoni wanduye, akabuza abantu amahoro mu rusengero i Kaperinawumu ku munsi w'Isabato – abo bose bakijijwe n'uwo Mukiza w'impuhwe nyinshi. Mu ngero hafi ya zose, Yesu nk'ufite ubwenge bwihariye, yirukanishaga dayimoni itegeko maze agasohoka mu wari uhanzweho ubutazongera kumubabaza ukundi. Abari mu Rusengero i Kaperinawumu babonye imbaraga za Yesu, barumirwa, nuko baravugana bati: " Mbega ijambo! Dore arategekesha abadayimoni ubutware n'ububasha nabo bakamenengana[719]".

Abababaga bahanzweho n'abadayimoni byagaragaraga ko buri gihe babaga bafite umubabaro ukabije; ariko kandi siko byahoraga. Kugira ngo babone imbaraga z'indengakamere, bamwe bemeraga gukoresha ubushobozi bahawe na Satani. Uko bisanzwe abo nta kibazo babaga bafitanye na Satani. Muri iryo tsinda, habagamo abafite imyuka y'ubupfumu; nka Simoni Magusi, Elumasi wari umurozi n'umukobwa w'umushitsikazi wajyaga akurikira Pawulo na Silasi i Filipi.

Nta bari mu kaga gakomeye ko kwikurura imyuka y'abadayimoni, nk'abantu barenga ku buhamya bw'ibyo babona no kubw'Ibyanditswe Byera, bagahakana ko imyuka mibi itabaho kandi bakirengagiza ibikorwa by'umwanzi n'abamarayika be. Igihe cyose twirengagije ubucakura bwabo, baba bigiriye amahirwe akomeye kuko benshi bazakurikiza ibitekerezo byabo bitwaje ko ari ubwenge bwabo. Niyo mpamvu, ubwo twegereje iherezo ry'ibihe, aho Satani akorana imbaraga zikomeye ngo ayobye kandi arimbure, akwirakwiza inyigisho hose zo kwizeza abantu ko atabaho. Umugambi we ni uwo kwitwikira we n'imikorere ye ntibishyirwe ngo bitamenyekana.

Uwo mushukanyi w'umunyamwete ntakimutera ubwoba cyane nko kubona dutahuye ubucakura bwe. Kugira ngo ahishe kamere ye n'imigambi ye, yiyerekana mu ishusho y'urukozasoni kandi isuzuguritse. Anezezwa no kubona abantu bamushushanya nk'ikintu cy'urukozasoni cyangwa giteye ishozi, kitagira ishusho, kijya gusa n'inyamaswa kandi kijya gusa n'umuntu. Anezezwa no kumva izina rye rikoreshwa mu mikino no mu bitutsi kubiyita abanyabwenge kandi bajijutse.

Ibyo biterwa n'uko yiyoberanya mu buryo buhanitse maze ugasanga hakunze kwibazwa ngo: "Mbese koko icyo kiremwa kibaho"? Icyo ni igihamya cy'insinzi

718 Mariko 7:26-30; Matayo 12:22; Mariko 9:17-27,

719 Luka 4:36

y'amahame avuguruza amagambo y'ukuri ko mu Byanditswe Byera, bigaragara no mu madini y'iki gihe. Kandi biterwa n'uko Satani ashobora kwigarurira bitamuruhije intekerezo z'abatazi imikorere ye, ko Ijambo ry'Imana rihora riduha ingero nyinshi z'ubucakura bw'imirimo ye, rikaduhishurira ibanga ry'aho akura imbaraga, kugira ngo twirinde kandi twitegura imitego ye.

Imbaraga n'ubuhendanyi bya Satani n'ingabo ze bigomba kutwiteguza kugira ngo dushake ubwihisho no gutabarwa bibonerwa mu mbaraga ikomeye y'Umucunguzi wacu. Twitondera kurinda amazu yacu dukingisha ibihindizo n' ingufuri bikomeye, kugira ngo dukingire ibyacu n'ubugingo bwacu, turinda abajura; ariko si kenshi dutekereza uko abamarayika babi bahora batwubikiriye, ndetse n'uwo duhanganye nawe, mu mbaraga zacu, tudafite uburyo na bumwe bwo kwirwanirira. Baramutse babonye uburyo, bashobora kurangaza intekerezo zacu, bagahungabanya kandi bakaremaza imibiri yacu, bakarimbura ubutunzi bwacu n'ubugingo byacu. Banezezwa no kubona ubuhanya no kurimbuka. Igiteye ubwoba ni abanga kumvira ibyo ijuru risaba, maze bakiroha mu mitego ya Satani, kugeza ubwo Imana ibareka ngo bayoborwe n'imyuka mibi. Ariko abakurikira Kristo bahora bahishwe munsi y'u burinzi bwe. Abamarayika b'imbaraga nyinshi batumwa kubarinda bavuye mu ijuru. Umwanzi ntashobora kumena igihome Imana yashyizeho ngo gikingire ubwoko bwayo.

Igice cya 32

IMITEGO YA SATANI

Intambara ikomeye hagati ya Kristo na Satani ikaba imaze hafi imyaka ibihumbi bitandatu, igiye kurangira bidatinze; kandi uwo mugome yakajije umurego cyane kugira ngo adindize umurimo Kristo akorera abantu, maze anangirisha imitima yabo imitego ye. Icyo agambiriye kugeraho ni uguheza abantu mu mwijima no kubanangira imitima kugeza igihe Umukiza arangiza umurimo we w'ubuhuza, maze ntihabe hakiriho igitambo cy'ibyaha.

Igihe hatariho gushishikarira kurwanya imbaraga ze, igihe itorero n'isi bitagize icyo byitayeho, Satani we, nta cyo biba bimutwaye, kuko bitamutera impungenge ko yazimiza bamwe mubo yagize imbohe ze ku bushake. Ariko igihe habayeho kwita ku bizahoraho iteka, nibwo umuntu atangira kwibaza ati: "Nakora iki kugira ngo nkizwe?' icyo gihe aba atandukiriye, ashaka imbaraga ze zihangana n'iza Kristo kandi akanga ko Umwuka Muziranenge amuhindura.

Ibyanditswe Byera bivuga ko igihe kimwe, ubwo Abamarayika b'Imana bari baje gushengerera Uhoraho, Satani nawe ajyana nabo, icyari kimuzanye ntabwo kwari ugupfukamira Umwami Uhoraho, ahubwo yari azanywe no kuzuza imigambi ye y'uburyarya mu bakiranutsi. Na n'ubu aracyafite uwo mugambi wo kwivanga mu

materaniro y'abaramya Imana. N'ubwo atagaragara, akorana ubushishozi bwinshi kugira ngo yigarurire imitima y'abaramya. Nk'umugaba w'umuhanga, ashyira imigambi ye imbere. Iyo abonye intumwa y'Imana irondora mu Byanditswe, yandika umutwe w'ikibwirizwa kizatangwa. Nuko agakoresha ubuhanga n'ubuhendanyi bwe bwose kugira ngo azayobore ibizakorwa byose maze ubutumwa bwe kugera kubo yibasiye. Uwo muntu wari ukeneye cyane umuburo Satani amwerekeza mu by'ubucuruzi bimusaba kuba yari ahibereye, cyangwa se akamuzanira ibindi bintu bimubuza gutegera amatwi Ijambo ry'Imana ryagombaga kumubera impumuro y'ubugingo izana ubugingo.

Na none Satani abona abagaragu b'Imana baremerewe kubera umwijima w'iby'umwuka utwikiriye abantu. Yumva amasengesho yabo avuye ku mutima, basaba Imana kubagirira ubuntu no kubaha imbaraga zo kubabashisha guca ingoyi zo kwirengagiza, uburangare n'ubunebwe. Maze mu ishyaka ridasanzwe, agakora atikoresheje. Ageragеresha abantu kurarikira ibyo bakunda cyangwa bimwe mu bibanezeza, maze ibyumviro byabo bikagwa ikinya, ntibabe bakibasha kumva iby' ingenzi bari bakeneye kumenya.

Satani azi neza ko umuntu wese uzagerageza gupfobya amasengesho no kurondora mu Byanditswe, azatsindwa n'ibitero bye. Nicyo gituma ahimba inzira zose zibishoboka kugira ngo yigarurire imitima. Hari itsinda ry'abantu biyita abantu b'Imana, abo ngabo, aho gushaka kumenya ukuri, idini yabo ihinduka iyo gushakisha amafuti cyangwa amakosa y'abantu badahuje imyizerere n'ibitekerezo. Bene abo ni ukuboko kw'iburyo kwa Satani. Abarezi ba bene Data ntibabarika, kandi bakora ubudahwema cyane cyane igihe Imana ikora n'igihe abagaragu bayo baje kuyiramya. Bazagerageza kugoreka amagambo no guhindura ibikorwa byiza by'abakunda ukuri kandi bakakugenderamo. Bazasebya abagaragu b'Imana b'indahemuka, bafite ishyaka kandi bizinukwa, babita abazimiye n'abashukanyi. Umurimo wabo ni ugushaka impamvu zose zo kugoreka inzira z'ukuri kose n'ibikorwa bizira amakemwa, gukwiza impuha no kubyutsa impaka mu mitima y'abatabamenyereye. Umwanya wose babonye, bazagerageza kwerekana ko icyari inziramakemwa n'ubudahemuka bakibona nk'ubusazi n'ubushukanyi.

Ariko nta n'umwe ukeneye kuyobywa kubera ibyo. Biroroshye kumenya uwo bakomokaho, kumenya uwo bakurikiza, no kumenya uwo bakorera. "Muzabamenyera ku mbuto zabo".[720] Ibikorwa byabo bihwanye rwose n'ibya Satani, uwuzuye ubumara bwica, "umurezi wa bene Data. ".[721]

Umushukanyi ukomeye afite ingabo nyinshi cyane ziteguye gukwirakwiza amafuti y'ubwoko bwose kugira ngo agushe benshi: Ubuhakanyi yateguye akurikije irari n'ubushobozi bwa buri muntu wese ashaka kurimbura. Umugambi we ni ukwinjiza mu itorero kutavugisha ukuri, ibintu bituma hatabaho kwihana bigatera abantu gushidikanya no kutizerana, maze bikabera inzitizi abifuzaga kubona umurimo w'Imana ujya mbere ndetse nabo ubwabo bikabazitira. Benshi badafite kwizera Imana by'ukuri, cyangwa batizera ukuri ko mu Ijambo ryayo, bemera amwe mu mahame y'ukuri bakayakoresha nk'abakristo, maze bikabashoboza kwinjiza amafuti

720 Matayo 7:16
721 Ibyahishuwe 12:10

yabo mu bantu nk'aho ari amahame y'Ibyanditswe Byera.

Igitekerezo cyo kumva ko icyo umuntu yaba yizera cyose ntacyo bitwaye, ni kimwe mu buhendanyi bukomeye Satani atsindisha benshi. Azi ko ukuri kwakiranywe urukundo, kweza ukwakiriye; maze akanezezwa no gushaka amahame y'ibinyoma, n'imigani y'imihimbano kugira ngo abisimbuze ubutumwa bwiza. Guhera mbere na mbere, abagaragu b'Imana, bakomeje guhangana n'abigisha b'ibinyoma, abo ntibari abanyangeso mbi, ahubwo bari abacengeza ibinyoma byangiza imitima. Eliya, Yeremiya, Pawulo, bacyahaga bashikamye kandi bashize amanga abigisha b'ibinyoma bakuraga abantu ku Ijambo ry'Imana . Uwo mudendezo wasaga nk'idini ishingiye ku kwizera kw'imburamumaro nta gaciro wari ufite imbere y'abo baziranenge bari bahagarariye ukuri.

Ubusobanuro budafututse kandi bushishana bwahabwaga Ibyanditswe Byera, ndetse n'inyandiko z'impimbano zivuguruzanya zerekeye kwizera mu by'idini ziboneka mu Bakristo, ni umurimo w'umwanzi wacu ukomeye wo guteza urujijo mu bantu, kugira ngo badashobora gutandukanya ukuri n'ibinyoma. Kutumvikana n'amacakubiri biri mu matorero ya gikristo muri iki gihe, ahanini bikomoka ku ngeso yo kugoreka Ibyanditswe hagamijwe gushyigikira inyigisho mpimbano. Aho kwigana ijambo ry'Imana ubwitonzi bicishije bugufi mu mitima kugira ngo bamenye ubushake bwayo, benshi bahirimbanira kuvumbura ibintu bidasanzwe cyangwa se guhimba ibishya.

Kugira ngo bashyigikire inyigisho z'ibinyoma cyangwa ibikorwa bitari ibya Gikristo, bamwe bazafata imirongo y'Ibyanditswe bayitandukanye n'ibyo avuga, bakifatira nk'amagambo yo mu gice cy'umurongo kugira ngo bashyigikire igitekerezo cyabo, iyo igice gisigaye muri uwo murongo gitandukanye n'inyigisho zabo. Kubwo kugira ubucakura nk'ubw'inzoka, bikingiriza imvugo bahimbye ishobora gushyigikira ibyo kamere yabo ishaka. Uko niko benshi bagoreka Ijambo ry'Imana ku bushake. Abandi bafite ibitekerezo bihanitse, bafata amashusho n'ibimenyetso byo muri Bibiliya, bakabisobanura uko bishakiye, batitaye ku bihamya byo mu Byanditswe ko byisobanura ubwayo, maze bagakwirakwiza ayo mafuti bayitirira Bibiliya.

Igihe cyose kwiga Bibiliya kutabanjirijwe no gusenga, umutima wo kwicisha bugufi, kwiyoroshya, amagambo yumvikana n'ayoroheje ndetse n'atumvikana, azamburwa ubusobanuro bwayo nyakuri. Abayobozi b'ubupapa bajyaga batoranya uduce nk'utyo two mu Byanditswe Byera, twabafasha gusobanura intego y'ibyo bagamije, maze bakabyigisha abantu, ariko bakababuza amahirwe yo kwiyigisha Bibiliya ubwabo kugira ngo batazasobanukirwa ukuri kwayo. Bibiliya ikwiriye kwigishwa abantu bose uko yakabaye. Icyababera cyiza ni ukutigera bigishwa Bibiliya, kuruta kuyigishwa nabi batyo.

Bibiliya yashyiriweho kuyobora abantu bose bifuza gukurikiza ibyo Umuremyi wabo ashaka. Imana yahaye abantu ijambo rihamye ry'ubuhanuzi; abamarayika ndetse na Yesu ubwe bamanuwe no kumenyesha Daniyeli na Yohana ibigiye kubaho vuba. Izo ngingo z'ingenzi z'ibyerekeye agakiza kacu ntizagizwe ibanga. Ntabwo byahishuriwe kujijisha cyangwa kuyobya ushaka kumenya ukuri. Umwami Uhoraho yavugiye mu kanwa k'umuhanuzi Habakuki ati: "Andika icyo nkweretse, ucyandike ku bisate by'amabuye kuburyo busomeka, bityo umuntu wese abashe kucyisomera adategwa".[722] Umuntu wese wiga Ijambo ry'Imana afite umutima usenga ntazabura kurisobanukirwa. Umucyo w'ukuri uzavira umuntu wese ufite umutima utaryarya. "Amurikira intungane, ashimisha abafite umutima uboneye"[723] Kandi nta torero ryabasha kujya mbere mu butungane keretse abizera baryo bashatse ukuri babikuye ku mutima nk'abashaka ubutunzi bwahishwe.

Kurangurura ngo "Umudendezo" kwatumye abantu benshi bahumishwa n'imitego y'umwanzi wabo, igihe we adacogora ku murimo we kugira ngo asohoze umugambi we. Uko asimbuza Bibiliya amagambo yahimbwe n'abantu, amategeko y'Imana ashyirwa ku ruhande, maze amatorero akajya mu bubata bw'icyaha, nyamara bigamba ko babatuwe.

Kuri benshi, ubushakashatsi mu bya siyansi bwababahindukiye umuvumo. Imana yemeye ko umucyo mwinshi urasira iyi si kugira ngo abantu bavumbure ubwenge n'ubuhanga; nyamara n'abafite ubuhanga buhanitse, iyo batayobowe n'Ijambo ry'Imana mu bushakashatsi bwabo, bararindagira igihe bagerageza gushakisha isano iri hagati ya siyansi n'ihishurwa.

Ubwenge bwa muntu, ari mu bigaragara no mu by'iyobokamana, ni agace gato kandi ntibuboneye; niyo mpamvu benshi bananirwa guhuza imyumvire yabo mu bya siyansi n'amagambo y'Ibyanditswe Byera. Benshi bemera inyigisho n'ibitekerezo bidashyitse nk'ibikomoka ku bucurabwenge, maze bakibwira ko Ijambo ry'Imana rikwiriye gusuzumishwa inyigisho "z'ingirwabumenyi." Umuremyi n'ibiremwa bye barenze kure cyane ibyo abo bibwira; kandi kuko badashobora kubisobanuza amategeko y'ibyaremwe, bakabona ko amagambo ya Bibiliya atari ayo kwizerwa. Abashidikanya ukuri kw'amagambo yo mu Isezerano rya Kera n'ayo mu Rishya bose barakomeza bakageza n'aho bashidikanya ko Imana ibaho, ahubwo imbaraga z'Ushoborabyose bakazitirira ibyaremwe. Iyo bamaze kugera ahantu nk'aho, ikibasigariye ni ukurekwa bagakubita ku bitare byo gukiranirwa.

Niyo mpamvu benshi barorongotana bava mu byizerwa maze bagashukwa n'umwanzi. Abantu barahirimbanira kugira ubwenge burenze ubw'Umuremyi wabo; ubucurabwenge bw'abantu buri kugerageza ngo burebe ko bwavumbura kandi busobanure amayobera adateze kuzigera amenyeshwa abantu na rimwe. Iyaba abantu bashakashakaga uburyo basobanukirwa uko Imana ubwayo yabihishuriye n'imigambi yayo, bajyaga kwerekwa iryo kuzo, icyubahiro, n'imbaraga bya Yehova kugira ngo bamenye neza ko ubwabo ntacyo bashoboye, kandi bakanyurwa n'ibyo bahishuriwe hamwe n'abana babo.

Ikintu cy'ingenzi mu byo Satani akoresha mu bushukakanyi bwe, ni ugufatira ibitekerezo by'abantu mu bushakashatsi bwo kwivanga mu byo Imana itaduhishuriye, ndetse no mu byo itashatse ko dusobanukirwa. Icyo ni na cyo cyatumye Lusiferi akurwa k’umwanya we mu ijuru. Ntiyanyuzwe n'uko atamenyeshejwe amabanga yose y'imigambi y'Imana, bituma abona ko icyubahiro n'umurimo yari yarahawe nta gaciro bifite. Kubwo gutera izo mpagarara mu bamarayika yayoboraga, yabateye gucumura. No muri iki gihe Satani arashaka uko yakwigarurira intekerezo z'abantu nk'uko yabigenje mu ijuru kugira ngo abayobye basuzugure amategeko y'ingoma

722 Habakuki 2:2

723 Zaburi 97:11

y'Imana.

Abadashaka kwemera ukuri kwa Bibiliya gufututse kandi kwahuranyije, bazakomeza kwiruka inyuma y'ibihimbano bibanezeza, kugira ngo bibareme agatima. Uko amahame y'ibya mwuka, kwizinukwa, no kwicisha bugufi yigishwa gahoro, ninako azarushaho kugenda gukendera. Abo bantu batesha agaciro imbaraga z'ubwenge kugira ngo bahaze ibyo kamere zabo zifuza. Abanyabwenge muri bo ni abashakisha mu Byanditswe Byera bicishije bugufi, bafite imitima imenetse kandi basenga kugira ngo bayoborwe n'ijuru, abo ntibazigera bayoba. Satani ahora yiteguye guha umuntu wese icyo umutima we wifuza cyose, maze ubushukanyi bwe bugasimbura ukuri. Uko niko Ubupapa bwabonye imbaraga yo kwigarurira ibitekerezo by'abantu; kandi kubwo kwanga ukuri kuko gusaba kwikorera umusaraba, Abaporotestanti nabo bakurikira iyo nzira. Abirengagiza Ijambo ry'Imana bose, bakanga kwiga amabwiriza shingiro akwiriye, kugira ngo batitandukanya n'isi, bazarekwa kugira ngo birundurire mu buhakanyi buciraho iteka abahakanye itorero ry'ukuri. Ububi ubwo aribwo bwose, buzemerwa n'abanze nkana ukuri kw'Ijambo ry'Imana bose. Uhindishwa umushyitsi n'ikigeragezo kimwe wese, azaba yiteguye kwakira n'ikizakurikiraho. Intumwa Pawulo avuga iby'abantu "batakiriye urukundo rw'Imana ngo bakizwe" agira ati: "Nicyo gituma Imana izabohererereza ubushukanyi bukomeye cyane ngo bizere ibinyoma, kugira ngo abatizeye iby'ukuri bose, bakishimira gukiranirwa bacirweho iteka".[724] Kubw'aya magambo y'imbuzi tubwiwe, ni ingenzi cyane kwitondera inyigisho duhabwa.

Mu ntwaro zikomeye cyane umushukanyi akoresha, harimo inyigisho ziyobya n'ibitangaza by'ibinyoma bikorwa n'imyuka mibi. Yihinduye nka marayika w'umucyo atega imitego mu nzira aho badakeka. Abantu baramutse bize Ijambo ry'Imana kandi basenga bashishikaye kugira ngo babashe gusobanukirwa, Imana ntiyabarekera mu mwijima ngo bemere inyigisho z'ibinyoma. Ariko igihe cyose banze ukuri, baratsindwa bakagwa mu bishuko.

Irindi kosa rikomeye, ni inyigisho z'ibinyoma zihakana Ubumana bwa Kristo, zikanahamya ko atanabayeho mbere yuko avukira mu isi. Izo nyigisho zemewe n'abantu benshi bavuga ko bizera Bibiliya, ariko zigahinyuzwa n'amagambo y'Umukiza ubwo yatangazaga isano afitanye na Se, imico y'Ubumana bwe n'uko yahozeho uhereye kera kose. Ibyo ntibyakwemerwa hatabanje kubaho kugoreka Ibyanditswe Byera. Ntabwo bitesha agaciro gusa imyumvire y'umuntu kubyerekeye umurimo wo gucungurwa, ahubwo binarandura ukwizera dusanga muri Bibiliya nk'ihishurwa ryavuye ku Mana. Igihe ibyo bitumye irushaho gutera akaga, binatuma kuyigeraho biruhanya. Niba abantu bahakana ubuhamya bw'Ibyanditswe byahumetswe buvuga ko Kristo ari Imana, kubiganira na bo ntacyo byaba bikimaze, kuko nta ngingo n'imwe yabasha kubibemeza. "Ariko umuntu wa kamere atemera iby'Umwuka w'Imana kuko ari ubupfu kuri we, akaba atabasha kubimenya kuko bisobanurwa mu buryo bw'Umwuka".[725] Nta n'umwe ugendera muri ayo mafuti ushobora gusobanukirwa n'ukuri kw'imico ya Kristo cyangwa umurimo we, cyangwa ngo amenye n'inama ikomeye y'Imana yo gucungura umuntu.

724 2Abatesaloniki 2:10-12
725 1 Abakorinto 2:14

Nanone irindi kosa rigoye kuritahura kandi riteye ingorane, ni ukwihutira gukwiza imyizerere yuko Satani atariho nk'ikiremwa gifite ibikiranga; ko ahubwo iryo zina ryakoreshejwe mu Byanditswe nk'ikigereranyo cy'intekerezo mbi n'irari ry'abantu.

Inyigisho yabaye gikwira imenyerewe mu nsengero ni ivuga ko kugaruka kwa Yesu kuri buri muntu ari igihe umuntu wese apfuye, ibyo bikaba ari umutego ugamije guteshura intekerezo z'abantu ku kugaruka kwa Yesu mu cyubahiro ku bicu byo mu ijuru. Hashize imyaka myinshi, Satani avuze aya magambo: "Dore nguyu ari mu cyumba " kandi abantu benshi bahendwa n'ubwo buriganya.

Na none ubwenge bw'isi bwigisha ko isengesho atari ngombwa. Abahanga ko nta gisubizo nyakuri gishobora gutangwa ku isengesho; ko ibyo byaba ari ukwica amategeko y'ibyaremwe, igitangaza, kandi ko nta bitangaza byigeze bibaho. Bavuga ko n'ijuru n'isi bigendera ku mategeko adahinduka kandi n'Imana ubwayo ntiyavuguruza. Bityo rero, bakerekana ko Imana igengwa n'amategeko yayo ubwayo-nk'aho imikorere y'amategeko y'ijuru ishobora kuvutsa umudendezo abaririmo. Bene izo nyigisho zihabanye cyane n'ibihamya byo mu Byanditswe Byera. None se ntibyaba ari ibitangaza Yesu n'intumwa ze bazanye? Uwo Mukiza w'impuhwe nyinshi ariho, kandi ahora ahengekeye umusaya kumva isengesho risenganywe kwizera nk'igihe yagendagendaga ku isi, ari hagati y'abantu imbona nkubone. Ibigaragara bihuzwa n'ibitagaragara. Ni umwe mu migabane y'umurimo w'inama y'Imana, kuduha ibisubizo by'amasengesho dusenganye kwizera, maze tugahabwa n'ibyo tutari dukwiriye n'ibyo tutasabye.

Hariho inyigisho zitagira ingano ziyobya abantu n'intekerezo zikabya zaduka mu matorero ya gikristo. Ntibishoboka kugereranya ingaruka ziteye ubwoba ziterwa no gukuraho rimwe mu biranga amahame shingiro y'Ijambo ry'Imana. Bake bahangara gukora ibyo, bahera ku ngingo idakanganye ivuga ukuri bakayihakana. Abenshi bakomeza kwirengagiza rimwe mu mahame y'ukuri, ejo bakirengagiza irindi, kugeza ubwo bahinduka abapagani beruye.

Amafuti y'iby'iyobokamana yamamaye, yaroshye benshi mu rujijo igihe bagombaga kwizera Ibyanditswe Byera. Ntibishoboka ko umuntu yizera inyigisho zimuciraho iteka, zitarimo ubutabera, imbabazi no kugira neza; kandi igihe abyigishijwe nk'inyigisho za Bibiliya, yanga kuzakira nk'izikomoka mu Ijambo ry'Imana.

Uwo niwo mugambi Satani yashishikariye gusohoza. Nta kindi yifuza kirenze gukura ibyiringiro by'abantu ku Mana no ku Ijambo ryayo. Satani niwe mugaba mukuru w'ingabo z'abashidikanya, kandi akoresha imbaraga ze zose yoshya abantu ngo abigarurire. Ubu gushidikanya byahindutse ibigezweho. Hariho abantu benshi babona ko Ijambo ry'Imana atari iryo kwiringirwa nk'uko batiringira Nyiraryo - ari ukubera ko ryamagana icyaha kandi rikagiciraho iteka. Abadashaka kumvira ibyo ribabwira bahirimbanira guhirika ubuyobozi bwaryo. Basoma Bibiliya cyangwa bategera amatwi inyigisho zayo nk'uko zivugiwe ku ruhimbi, bashakisha gusa inenge mu Byanditswe Byera cyangwa mu kibwirizwa. Benshi bahinduka abapagani kugira ngo bisobanure cyangwa no gutanga impamvu zatumye birengagiza inshingano. Abandi bigira nyamujyiryanino bitewe n'ubwibone n'ubunebwe. Bakunda kwiyerekana ubwabo bakora ikintu cyose cyabahesha icyubahiro, n'aho cyaba kigomba imbaraga cyangwa ubwitange, bagamije kwerekana ko ari ibyamamare

mu by'ubwenge buhambaye, bakabikora banenga Bibiliya. Hari byinshi intekerezo za muntu zifite aho zigarukira, zitamurikiwe n'ubwenge mvajuru, zidashobora gusobanukirwa; maze bakaba babonye umwanya wo kunenga Ibyanditswe Byera. Hari benshi bumva ko ibyiza ari ukuba mu ruhande rw'abatizera cyangwa abafashe impu zombi n'abatizerwa. Nyamara ucukumbuye neza, usanga bene abo bantu babikorera kwishyira hejuru no kwiyiringira ubwabo. Benshi banezezwa no kubona muri Bibiliya ijambo bazakoresha baburagiza ibitekerezo by'abandi. Ku ikubitiro, bamwe banenga kandi bagatekereza ku ruhande rubi, bashaka gushoza intambara gusa. Ntabwo bamenya ko biboheye ubwabo mu mitego y'umwanzi. Ariko kuba barihamije ubuhakanyi ku mugaragaro, bumva bagomba kubushikamamo. Nuko bakifatanya n'abatubaha Imana maze ubwabo bakikingiranira inyuma y'amarembo ya Paradizo.

Imana yatanze ibihamya bihagije mu ijambo ryayo bigaragaza imico y'ubumana bwayo. Ukuri gukomeye kwerekeye gucungurwa kwacu kwarahishuwe. Kubwo gufashwa na Mwuka Muziranenge, wasezeraniwe abamushakana ukuri bose, uko kuri gukwiriye kumenywa n'umuntu wese ku giti cye. Imana yahaye abantu urufatiro rukomeye rwo kubakaho kwizera kwabo.

Icyakora ibitekerezo bigufi by'abantu ntibishobora na gato gusobanukirwa n'imigambi by'Imana Ihoraho. Dukoresheje ubushakashatsi bwacu, ntidushobora gutahura Imana. Ntidukwiriye guhangara kuzamura ikiganza ngo tubeyura igishura gikomeye gikingiriza icyubahiro cy'Imana. Intumwa Pawulo abivuga muri aya magambo: "Mbega ukuntu Imana ari umukungu wa byose !Mbega ukuntu ubwenge bwayo n'ubumenyi byayo biturenze !"[726] Dushobora kumenya rwose ibyo Imana idukorera n'impamvu ziyitera kubikora kugira ngo tumenye urukundo rwayo rutarondoreka n'imbabazi zayo bifatanyije n'ubushobozi bwayo butarondoreka. Data wa twese wo mu ijuru ategekana ibintu byose ubuhanga no gukiranuka, nicyo gituma tudakwiriye kutanyurwa cyangwa ngo tubure kwiringira, ahubwo dupfukamane icyubahiro imbere ye twicishije bugufi. Azaduhishurira imigambi ye kuko ari myiza kuri twe kuyimenya, kandi ibirenze ibyo, dukwiriye kwiringira Ukuboko gushobora byose n'Umutima wuzuye urukundo.

N'ubwo Imana yatanze ibihamya bikomeye byo kwizerwa, ntabwo izigera ikuraho inzitwazo zo kutizera. Abashaka imambo zo kumanikaho kutizera kwabo bazazibona. Kandi abanga kwemera no kumvira ijambo ry'Imana bategereje ko inzitizi zose zikurwa mu nzira, kandi nta gihe cyo gushidikanya kizaba kikiriho, ntabwo bazigera baza mu mucyo.

Kutiringira Imana ni imbuto yera ku mutima utarabyarwa ubwa kabiri, ari wo mwanzi w'Imana. Ariko kwizera ni imbuto ya Mwuka Muziranenge, kandi izakurira gusa aho Mwuka yahawe umwanya. Nta muntu wagira kwizera gushikamye atiyemeje gushyiraho umwete. Kutizera nako kugira imbaraga iyo gutijwe umurindi; kandi niba abantu batagumye mu bihamya Imana yabahaye kugira ngo bikomeze kwizera kwabo, bakihitiramo gushidikanya no kujya impaka, bazasanga gushidikanya kwabo kwabaye ukuri.

Ariko abashidikanya amasezerano y'Imana kandi ntibiringire ubwishingizi

726 Abaroma 11:33

bw'ubuntu bwayo, baba bayikoza isoni; kandi aho kuyobora abandi kuri Kristo babatandukanya nawe. Ni ibiti bitera, bigaba amashami yabyo hirya no hino bigatuma umwijima w'amashami yabyo ubuza umucyo w'izuba kurasira ibindi bimera, maze bigahonga ndetse bikuma bizize guhora mu mpahamyi y'icyo giti kitera imbuto. Ibikorwa bya bene abo bantu, bizahora ari igihamya kibashinja ubudatuza. Babiba imbuto zo gushidikanya no kuba mu gihirahiro bitazababuza kubona umusaruro w'ibyo babibye.

Hari ikintu kimwe gusa abashaka gukira gushidikanya bakwiriye gushakana umwete bataryarya. Mu cyimbo cyo kwibaza no kujya impaka z'ibyo badasobanukiwe, mubareke bakurikize umucyo wamaze kubarasira, ni bwo n'umwinshi uzabatambikira. Mureke bakore umurimo wose bamaze gusobanukirwa bihagije, nibwo bazabashishwa gusobanukirwa no gukora ibyo bashidikanyagaho.

Satani ashobora kuzana ibindi bintu bijya gusa n'ukuri kugira ngo ayobye abashaka kuyoba, badashaka kwizinuka no kwitanga ukuri kubasaba; ariko ntibishoboka ko hagira n'umwe yafata ku ngufu kandi yifuza nta buryarya kumenya ukuri uko byamera kose. Kristo niwe Kuri kandi "niwe Mucyo waje mu isi kumurikira umuntu wese."[727] Mwuka w'ukuri yoherejwe kuyobora abantu mu kuri kose. Kandi ku bwo ububasha bw'Umwana w'Imana byanditswe ngo: "Mushake muzabona."[728] Umuntu wese ukunda gukora ibyo Data ashaka azamenya ukuri."[729]

Abayoboke ba Yesu bazi bike gusa kubijyanye n'imigambi mibi Satani n'ingabo ze babafitiye. Nyamara Uwicaye ku ntebe yo mu ijuru, aziganzura ubwo buhenzi bwose kugira ngo asohoze ibyo yagambiriye kuva kera kose. Uhoraho yemera ko ubwoko bwe bugerwaho n'ibigeragezo biteye ubwoba, bidatewe n'uko yishimira imibabaro n'uburibwe bahura nabyo, ahubwo bitewe n'uko ari bwo buryo bw'ingenzi bubageza ku nsinzi iheruka. Kubwo ikuzo rye, ntashobora kubakingira ibigeragezo; kuko umugambi nyakuri w'ishungura ari ukubategurira guhangana n'ibitero byose by'umwanzi.

Haba abagome cyangwa abadayimoni ntibabasha gukoma mu nkokora umurimo w'Imana, cyangwa ngo babuze Imana kuba mu bantu bayo, niba bafite ubushake, bitanze, n'imitima imenetse, bakatura ibyaha kandi bakitandukanya nabyo, maze bakishyuza amasezerano y'Imana bizeye. Igishuko cyose, imigambi mibi yose, byaba ku mugaragaro cyangwa mu ibanga, bishobora guhashywa nta gushidikanya, kuko "atari kubw'ububasha bwawe cyangwa imbaraga zawe bizagushoboza umurimo wanjye, ahubwo uzawushobozwa na Mwuka wanjye, niko Uhoraho Nyir'ingabo avuga[730]."

"Amaso y'Uwiteka ari ku bakiranutsi, n'amatwi ye ari ku byo basaba.... "Mbese ninde uzabagirira nabi nimugira ishyaka ryo gukora ibyiza?"[731] Ubwo Balamu yirukiraga ingororano z'igiciro cyinshi yari yasezeranijwe, akajya kuvuma ubwoko bw'Abisirayeli, kandi akoresheje gutambira Uwiteka ibitambo yashatse kuvuma ubwoko bwe, Umwuka w'Uwiteka abuza umuvumo gusohoka mu kanwa ka

727 Yohani 1:9
728 Matayo 7:7
729 Yohani 7:17
730 Zakariya 4:6
731 1Petero 3:12, 13

Balamu, ahubwo ahatirwa kuvuga aya magambo akurikira: "Navuma nte abo Uwiteka atavumye? Kandi narakarira nte abo Uwiteka atarakariye? Icyampa nkipfira nk'uko abakiranutsi bapfa. Iherezo ryanjye rikaba nk'iryabo!" Ubwo bongeraga gutamba ibitambo, umuhanuzi mubi yarahamije ati: "Dore nategetswe kubahesha umugisha, nayo yarawubahaye sinabihindura. Ntihakabeho ibyago mu bakomoka kuri Yakobo, umubabaro ntukarangwe muri abo Bisirayeli, Uhoraho Imana yabo abe hamwe na bo, niwe mwami wabo bavugiriza impundu. Nta bupfumu bwagira icyo butwara abakomoka kuri Yakobo, nta n'umutukiro wafata Abisirayeli. Kuva ubu abantu bazatangara bati, 'Dore ibyo Imana yakoreye Abisiraheli! Ku nshuro ya gatatu, igicaniro cyarubatswe, maze Balamu yongera gushaka kugerageza kuvuma ubwoko bw'Imana. Ariko, Umwuka w'Imana ahamiriza ubwoko bwe bwatoranyijwe kugira ihirwe akoresheje akanwa k'Umuhanuzi utarabishakaga kandi acyaha ubupfapfa n'uburyarya by'abanzi babo: Uzabasabira umugisha wese nawe azawuhabwe, kandi uzabavuma wese na we azavumwe".[732]

Muri icyo gihe ubwoko bw'Isiraheli bwumviraga Imana; kandi igihe cyose babaga bakomeje kumvira amategeko y'Imana, nta bubasha bwo mu isi cyangwa bw'i kuzimu bwashoboraga kubahangara. Ariko umuvumo Balamu atakundiwe kuvuma ubwoko bw'Imana, amaherezo wabagezeho, igihe yaboshyaga gukora icyaha. Ubwo bicaga amategeko y'Imana, maze bakitandukanya n'Imana, mazei bagasigara bategekwa n'umurimbuzi.

Satani azi neza ko umunyantegenke wisunga Kristo Yesu, arusha imbaraga igitero cy'ingabo z'umwijima, azi kandi ko aramutse yishyize ku mugaragaro, azagababwaho igitero, maze agatsindwa. Nuko rero Satani yifuza gukura abasirikari b'umusaraba mu gihome cyabo gikomeye, bubikiye hamwe n'ingabo ze zihora ziteguye gutsemba abamunyurira mu gikingi. Mu kwishingikiriza gusa ku Mana twicishije bugufi, tukumvira amategeko yayo yose, tuzaba mu mutekano.

Nta n'umwe washobora kubaho umunsi umwe cyangwa isaha imwe, atasenze. Cyane cyane twinginge Uwiteka tumusaba ubwenge bwo gusobanukirwa Ijambo rye. Muri ryo nimwo duhishurirwa imitego y'umushukanyi hamwe n'uburyo bwo kumutsinda. Satani ni umuhanga mu gukoresha Ibyanditswe Byera, aha ubusobanuro yihimbiye ku mirongo yizera ko yadusitaza. Dukwiriye kwiga Bibiliya twicishije bugufi mu mitima, tutagira akanya na gato duhuga ko kwishingikiriza ku Mana. N'ubwo dukwiriye guhora twirinda imitego ya Satani, dukwiriye gukomeza gusengana kwizera tugira tuti: "Ntuduhane mu bitwoshya".

732 Kubara 23:8,10, 20, 21,23; 24:9

Igice cya 33
IGISHUKO CYA MBERE GIKOMEYE

Kuva mu mateka ya kera y'umuntu, Satani yatangije imbaraga zo kutuyobya. Uwatangiriye ubwigomeke mu ijuru yifuje ko n'abatuye isi bafatanya nawe kurwanya ubutegetsi bw'Imana. Adamu na Eva bari banejejwe no kubaho bumvira amategeko y'Imana, kandi iki cyari igihamya ntakuka kibeshyuza ibyo Satani yavugiye mu ijuru, ko amategeko y'Imana akandamiza kandi akabangamira umutekano w'ibyo Imana yaremye. Nanone kandi, ishyari rya Satani ryahagurutse ubwo yabonaga urugo rwiza rwari rwateguriwe abo bantu baziraga icyaha. Yagambiriye kubacumuza kugira ngo abatandukanye n'Imana, maze abashyire munsi y'ububasha bwe, abe yigaruriye isi, ayimikemo ingoma ye ihangane n'Isumbabyose.

Iyo Satani aza kwiyerekana ubwe n'ingeso nyakuri ze, yajyaga kwamaganwa rugikubita kuko Adamu na Eva bari baraburiwe akaga kazaterwa n'uwo mwanzi gica; ariko yakoreye mu mwijima, ahisha umugambi we kugira ngo abone uburyo bwo kuwusohoza. Yifashishije inzoka ngo imubere igikoresho, nk'ikiremwa giteye ubwuzu, yo ubwayo yivuganira na Eva iti: "Ni ukuri koko Imana yaravuze iti "Ntimuzarye ku giti cyose cyo muri ubu busitani?"[733]Iyo Eva areka kugirana ikiganiro n'umushukanyi, yajyaga kuba amahoro; ariko ahangara gukomeza kuganira na yo, atsindwa n'uburiganya bwa Satani. Uko niko benshi bajya batsindwa. Barashidikanya bagatangira kujya impaka ku byo Imana ibashakaho; maze aho kumvira amategeko y'ijuru, bakemera ibyahimbwe n'abantu bitwikirijwe uburiganya bwa Satani.

"Umugore asubiza iyo nzoka ati: "Twemerewe kurya ku mbuto z'ibiti byo muri uyu murima: keretse imbuto z'igiti kimwe kiri hagati muri ubu busitani, nizo Imana yatubwiye iti "Ntimuzazirye, ntimuzazikoreho mutazapfa". Maze inzoka ibwira uwo mugore iti : ni ukuri gupfa ko ntimuzapfa, kuko Imana yari izi ko umunsi mwaziriyeho, amaso yanyu azahweza, mukaba nk'imana, mukamenya ibyiza n'ibibi"[734]Yabahamirije ko bazahinduka nk'Imana, bakagira ubwenge buhanitse kuruta mbere hose kandi bakarushaho kugira imibereho yo mu rwego rwo hejuru. Eva yiroshye mu bishuko ku bushake bwe; maze atuma na Adamu agwa mu cyaha. Bemeye amagambo y'inzoka ko icyo Imana yavuze itazagikora; ntibiringira Umuremyi wabo maze bibwira ko yababuzaga umudendezo ngo batazagira ubwenge bwinshi bagashyirwa hejuru no kugomera amategeko yayo.

Ariko se Adamu yakoze iki amaze gukora icyaha, ashaka kumenya ubusobanuro bw'aya magambo ngo: "Umunsi mwakiriyeho no gupfa muzapfa ? Mbese yaba yarabisanze nk'uko Satani yamwijeje ko azagira imibereho yo mu rwego rwo hejuru ? Nyamara ikigeretse kuri ibyo, hari ibyiza byinshi yagombaga kugezwaho no kwica amategeko y'Imana, maze Satani akagaragara nk'ubagirira neza. Ariko Adamu yaje

733 Itangiriro 3:1

734 Itangiriro 3:2-5

gusanga ko ubwo atari bwo busobanuro bw'iteka ry'Imana. Imana yavuze ko igihano cy'icyaha cye, ari uko umuntu azasubira mu gitaka yakuwemo: "Uri umukungugu, mu mukungugu nimwo uzasubira."[735]Amagambo ya Satani ngo 'Amaso yanyu azahweza". Yagaragaye nk'ukuri muri ubu buryo bumwe gusa: Adamu na Eva bamaze gusuzugura Imana, amaso yabo yarahweje babona ubupfu bwabo, bamenye ikibi, kandi batangira kurya ku mbuto zisharira zo kutumvira.

Hagati mu murima wa Edeni hari igiti cy'ubugingo, imbuto zacyo zari zifite imbaraga itanga ubugingo buhoraho. Iyo Adamu akomeza kumvira Imana, yajyaga gukomeza kujya arya ku mbuto zacyo akabaho ubuzira-herezo. Ariko amaze gukora icyaha, yabujijwe kongera gusoroma ku giti gihesha ubugingo, maze ahinduka uwo gupfa. Iteka ry'Imana ngo: "Uri umukungugu, mu mukungugu nimwo uzasubira,"nta ryerekezaga ku kuvuga ko ubugingo bwe buzimye.

Ukudapfa kwasezeranyijwe umuntu biturutse ku kumvira, kwakomwe mu nkokora no gucumura. Adamu ntiyajyaga kuraga urubyaro rwe icyo adafite; kandi nta byiringiro ubwoko bwacumuye bwashoboraga kugira, iyo Imana, kubwo igitambo cy'Umwana wayo, itabazanira ukudapfa hafi yabo. Igihe "urupfu rwageraga ku bantu bose, kuko bose bakoze ibyaha, " Kristo yazanye ubugingo no kudapfa binyuze mu mucyo w'ubutumwa bwiza."[736] Kandi muri Kristo gusa, niho habonerwa ukudapfa. Yesu yaravuze ati:"Uwizera uwo Mwana aba abonye ubugingo buhoraho: Ariko utumvira uwo Mwana, ntazabona ubugingo, ahubwo umujinya w'Imana uguma kuri we."[737]Umuntu wese akwiriye kuza kwakira iyo migisha adahenzwe niba agendera mu byo asabwa. "Abashaka ubwiza n'icyubahiro no kudapfa, babishakisha gukora ibyiza, badacogora baziturwa ubugingo buhoraho."[738]

Uwasezeraniye Adamu ubugingo bitewe gusa no kutumvira, nta wundi utari umushukanyi ukomeye. Kandi amagambo inzoka yabwiriye Eva mu murima wa Edeni ngo:"Ni ukuri ntimuzapfa,"yari ikibwirizwa cya mbere cyigishijwe cyo kudapfa k'ubugingo. Nyamara ayo magambo yakomotse gusa ku bubasha bwa Satani, niyo ajya yumvikanira ku ruhimbi rw'amatorero ya Gikristo kandi akemerwa n'abantu batagira ingano nk'uko yahise yakirwa n'ababyeyi bacu ba mbere. Iteka ry'Imana ngo "Ubugingo bukora icyaha nibwo buzapfa" ryahinduwe ngo, Ubugingo bukora ibyaha ntabwo buzapfa, ahubwo buzahoraho iteka. Ntidushobora uretse gutangazwa n'ikintu kidasanzwe gituma abantu bizera ibyerekeye amagambo ya Satani kuruta ay'Imana.

Iyo umuntu aza kwemererwa kurya ku mbuto z'igiti cy'ubugingo nyuma yo gukora icyaha, yajyaga gukomeza kubaho iteka, maze icyaha na cyo kikazahoraho iteka. Ariko Abakerubi bafite inkota zakaga umuriro bugariye inzira ijya kuri cya giti cy'ubugingo, kandi nta n'umwe wo mu muryango w 'Adamu wemererwaga kurenga urwo rubibi ngo abe yasoroma ku mbuto zitanga ubugingo. Nuko rero, nta munyabyaha ufite kudapfa.

Ariko umuntu amaze gukora icyaha, Satani yategetse abamarayika be kwihatira cyane cyane gutera mu muntu imyizerere yuko kamere y'abantu ari ukudapfa; maze

735 Itangiriro 3:19
736 Abaroma 5:12; 2 Timoteyo 1:10
737 Yohani 3:36
738 Abaroma 2:7

abantu nibamara kwemera ubwo buyobe, ku iherezo ba bamarayika babi bazemeza abantu ko umunyabyaha azahora mu buhanya iteka ryose. Noneho umutware w'umwijima, abinyujije mu bamarayika be, avuga ko Imana ari inyabukana ihora inzigo, abatayumvira bose ikabaroha mu muriro utazima, maze bagahora bababazwa n'umujinya wayo bumva; kandi igihe bumva uburibwe butangaje bagaragurikira mu birimi by'umuriro ugurumana, Umuremyi wabo yabitegereza akanezerwa.

Uko niko Satani yiyambura umwambaro we w'ubugizi bwa nabi, akawambika Umuremyi n'Umugiraneza w'ikiremwamuntu. Ubugizi bwa nabi buturuka kuri Satani. Imana ni urukundo; kandi ibyo yaremye byose byari bitunganye, biboneye kandi ari iby'igikundiro, kugeza igihe icyigomeke ruharwa cya mbere cyinjije icyaha. Satani ubwe ni umwanzi woshya umuntu gukora icyaha, kandi ngo nabishobora amurimbure; maze igihe azaba atagishidikanya ko yamaze kumuhindura uwe, nibwo azamujugunya mu rwobo yamucukuriye. Iyo abishobora yajyaga kurundanyiriza ikiremwamuntu uko cyakabaye mu rushundura rwe. Iyo imbaraga z'ijuru zitahagoboka, nta muhungu cyangwa umukobwa w 'Adamu wajyaga kurokoka.

Muri iki gihe, Satani arashakisha uko yatsinda abantu nk'uko yatsinze ababyeyi bacu ba mbere, ubwo yajegezaga icyizere bari bafitiye Umuremyi wabo maze akabatera gushidikanya ubwenge bw'ubuyobozi bw'Imana, n'ubutabera bw'amategeko yayo. Satani n'intumwa ze bakwiza hose ko Imana igira nabi kubarusha, kugirango bahishe uburyarya n'ubugome byabo. Umushukanyi ukomeye yihatira kugereka ubugome bwe buteye ubwoba n'imico ye kuri Data wo mu ijuru, kugira ngo yerekane ko yamusagariye amwirukana mu ijuru bitewe n'uko yanze gupfukamira uwo mutegetsi utonesha. Agaragariza isi ko bashobora kugira umudendezo bayobotse ubutegetsi bwe, kandi uwo mudendezo utandukanye n'ububata bashyizwemo n'amategeko-shingiro ya Yehova. Uko niko yatekerezaga kuzaba yegukanye abantu abatandukanyije n'Imana.

Mbega uburyo bihabanye n'urukundo n'imbabazi, ndetse n'uko dutekereza ubutabera, gukwiza ihame ry'uko abanyabyaha bapfuye bari kubabarizwa mu muriro n'amazuku bihora bigurumana iteka ryose; kandi kubw'ibyaha byo muri ubu buzima bw'isi y'igihe gito, bagomba kubabazwa igihe cyose Imana izaba ikiriho. Nanone, izi nyigisho zabwirijwe henshi kandi na n'ubu ziracyigishwa mu matorero menshi ya Gikristo. Umunyabwenge umwe mu by'Iyobokamana yaravuze ati:"Kureba abantu bababarizwa mu muriro w'iteka, bizagwiza umunezero w'abera iteka ryose. Iyo babona abameze nka bo n'abavutse nk'uko nabo bavutse, bijanditse mu buhanya, maze bakitarura, ibyo bizagaragaza uburyo banezerewe." Undi mwanditsi yakoresheje aya magambo: "Ubwo iteka ryo kurimbuka rizaba risutswe ku banze kumvira, umwotsi wo kubabazwa kwabo uzacumba iteka ryose, uzamuke imbere y'abagiriwe imbabazi, mu cyimbo cyo kugirira impuhwe abo banyamubabaro, bazavuga bati: "Amen, Haleluya! Muhimbaze Uwiteka!"

Mbese inyigisho nk'izo zanditswe ku zihe mpapuro mu Ijambo ry'Imana ? Mbese abacunguwe nibagera mu ijuru ntibazaba bakigira impuhwe n'imbabazi, cyangwa ngo bagaragarize abantu baremanywe amarangamutima? Mbese ibi ntibihuje n'intekerezo z'abavuga ko umuntu w'umunyabwenge atagomba kugira amarangamutima cyangwa bikaba ubugome bwa kinyamaswa? Oya, oya izo si

inyigisho zikomoka mu gitabo cy'Imana. Abanditse ayo magambo yavuzwe mbere hari ubwo baba ari abantu bize, abantu b'abanyakuri, ariko bakaba baratwawe ingamira n'ubucakura bwa Satani. Akabatera kugoreka amagambo yo mu Byanditswe, bakayasiga ibara bayasobanuza imvugo ikarishye n'uburyarya bya Satani, ariko bitari iby'Umuremyi wacu. "Umwami Uwiteka aravuga ati: "Ndirahiye sinezezwa no gupfa k'umunyabyaha, ahubwo nezezwa n'uko umunyabyaha ahindukira akava mu nzira ye, maze akabaho; nimuhindukire, mugaruke muve mu nzira zanyu mbi. Kuki mwarinda gupfa?"[739]

Mbese Imana byayungura iki turamutse twemeje ko ishimishwa no kubona abicwa rubozo ubudatuza; ikanezezwa no kumva kuniha n'imiboroga n'ibitutsi bitewe n'umubabaro w'ibiremwa byayo yajugunye mu birimi by'umuriro utazima ? Mbese ayo majwi y'umuborogo yahinduka indirimbo zinejeje mu matwi y'Inyarukundo rutarondoreka? Ibyo bivuze ko igihano cy' umubabaro udashira ku banyabyaha, cyajyaga kwerekana uko Imana yanga icyaha cyo mwanzi watsembye amahoro na gahunda mu isi. Yoo! Mbega igitutsi giteye ubwoba! Nk'aho urwango Imana yanga icyaha, rwayitera kugihozaho iteka. Kuko, ukurikije inyigisho z'aba bahanga mu by'iyobokamana, iyica rubozo 'rihoraho hatarimo ibyiringiro byo kubabarirwa uzarisha abababazwa, kandi igihe bagize umujinya bagatukana kandi bagasebanya, bazaba bongera imitwaro y'ibyaha iteka ryose. Icyubahiro cy'Imana nticyongerwa n'uko gukomeza kubaho no kwiyongera kw'ibyaha muri iyo mibabaro uko ibihe bihaye ibindi.

Birenze ubushobozi bw'intekerezo za muntu kumenya neza ibibi bituruka ku buhakanyi buvuga ibyo kubabazwa by'iteka ryose. Idini ya Bibiliya yuzuye urukundo n'ineza, n'imbabazi ziyisendereye, yijimishijwe n'imigenzo, kandi itwikirizwa iterabwoba. Iyo twitegereje amabara y'ikinyoma Satani yambitse imico y'Imana, twatangazwa se n'uko Umuremyi wacu ugira imbabazi nyinshi atinywa, akanegurwa ndetse akanangwa n'abantu? Intekerezo zishishana z'uburyo abantu batekereza Imana zamaze kwamamara ku isi yose binyuze mu nyigisho zivugirwa ku ruhimbi zahinduye ibihumbi n'ibihumbi, amamiliyoni menshi y'abantu ahorana ibibazo by'ubuhakanyi.

Inyigisho yo kubabazwa by'iteka ryose ni imwe mu nyigisho zipfuye zigize ya nzoga y'ibizira Babuloni yanywesheje amahanga yose. Kuba intumwa za Kristo zikwiriye kwemera kandi zikamamaza ubwo buhakanyi ku ruhimbi ruziranenge, nabyo ni iyobera rikomeye. Barihawe na Roma nk'uko bakiriye i sabato y'ibinyoma. Ukuri ni uko icyo kinyoma cyabwirijwe n'abantu bakomeye kandi beza; ariko umucyo werekeye iyo nyigisho ntiwabarasiye nk'uko waturasiye. Bazababazwa gusa umucyo wabarasiye mu gihe cyabo; natwe tuzababazwa uwaturasiye mu gihe cyacu. Nidutera umugongo ibihamya by'Ijambo ry'Imana, maze tukemera inyigisho zipfuye ngo n'uko basogokuru bacu bazigishije, tuzaba duciriweho iteka ryaciriwe kuri Babuloni; tuzanywa ku nzoga y'ibizira byayo.

Abagize umubare munini w'abo inyigisho zerekeye kubabazwa by'iteka ryose ryayobeje, berekejwe mu rindi futi ritandukanye n'iryo. Babona ko Ibyanditswe Byera bigaragaza ko Imana ari urukundo n'imbabazi, maze ntibizere ko yagenera

739 Ezekiyeli 33:11

ibiremwa byayo umuriro w'ikuzimu uzahora ugurumana iteka ryose. Ariko gukomeza kwemera ko ubusanzwe roho idapfa, babona nta bundi busobanuro ariko ku iherezo bakemeza ko abantu bose bazakizwa. Benshi babona imiburo yo muri Bibiliya nk'ibereyeho gutera ubwoba abantu ngo bumvire, maze ntibabone ko bishobora gusohozwa. Nuko rero, umunyabyaha ashobora kwiberaho yinezeza, atitaye ku mabwiriza y'Imana, maze ku iherezo, akiringira kuzakirwa n'Imana. Inyigisho nk'iyo yiratana imbabazi z'Imana, nyamara ikirengagiza ubutabera bwayo, icyayo ni ukunezeza irari ry'umutima wa kamere kandi igashishikariza abagome kugundira ibibi byabo.

Kugira ngo herekanwe uburyo abizera ko isi yose izakizwa bagoretse Ibyanditswe Byera bashaka gushyigikira inyigisho zabo ziyobya, igikenewe gusa ni ugusubira mubyo ubwabo bivugiye. Mu ishyingurwa ry'umusore utari ufite idini abarirwamo, wari waguye mu mpanuka, Umubwiriza mpuzamahanga yatoranije isomo ryo mu Byanditswe Byera ku byerekeye Dawidi "amaze gushira umubabaro n'agahinda kubera urupfu rwa Amunoni, akumbura Abusalomu cyane."[740]

"Nuko Umubwiriza aravuga ati: "Abantu bahora bambaza bati: Mbese iherezo ry'abava muri uyu mubiri ari abanyabyaha, bagapfa, ahari se bari mu businzi, bagapfana amakanzu yabo ariho ibizinga bitukura by'ubwicanyi bakoze bitameshwe, cyangwa bapfuye nk'uyu musore, batigeze kugira ukwemera cyangwa ngo banezezwe no kuba mu idini ni irihe? Dushimishwa n'Ibyanditswe, kuko bisubiza icyo kibazo giteye inkeke. Amunoni yari umunyabyaha ruharwa; yari yaranze kwihana, yari umusinzi, kandi mu businzi niho bamutsinze. Dawidi yari Umuhanuzi w'Imana; yagombaga kumenya ko Amunoni azamererwa nabi cyangwa azamererwa neza mu yindi si izaza. Umutima we washakaga kwerekana iki ? 'Umutima w'Umwami Dawidi wifuzaga cyane Abusalomu: kuko yari amaze gushira umubabaro w'urupfu rwa Amunoni.'

"None se ubu duhereye kuri iyi mvugo twafata cyemezo ki? Ntabwo ari ukuvuga ko kubabara ubuziraherezo kudafite umwanya mu byo idini ryizera? Niko biri; kandi dusanga ko hano hari insinzi y'izo mpaka iherekejwe n'umunezero mwinshi, no kumurikirwa kwinshi, n'ubugiraneza bwinshi bikomoka ku butungane n'amahoro atagira impinduka kuri bose. Yashize agahinda, abonye umuhungu we yapfuye. Mbese ni ukubera iki? Ni ukubera ko yarebesheje amaso ya gihanuzi, yashoboye kubona ikuzo ry'ahazaza kandi abonera kure cyane uwo muhungu we atandukanyijwe n'ibigeragezo, akize ingoyi y'uburetwa, yejejweho imyanda yose y'icyaha, kandi amaze gutunganywa rwose no kumurikirwa, yemererwa kuba mu ikoraniro ry'abazamutse mu ijuru n'imyuka inezerewe. Ibyishimo bya Dawidi byari ibyo uko gukurwa mu mubiri w'icyaha n'imibabaro, umuhungu we yakundaga, agiye mu cyumba cyo hejuru cyane, aho azamurikirwa n'Umwuka Muziranenge kuri roho ye icuze umwijima, aho intekerezo ze zizamurikirwa n'ubwenge buva mu ijuru n'urukundo ruzira iherezo kandi rudapfa, maze noneho agategurirwa kamere nshya yejejwe yo kwishimira ikiruhuko n'abaraganwa ijuru."

"Dukurikije ibi bitekerezo, twasa nk'abajya kwizera ko agakiza mvajuru ntacyo kadusaba gukora muri ubu buzima; haba guhinduka k'umutima, cyangwa kwizera

740 2Samweli 13:39

cyangwa imyemerere y'iby'idini muri iki gihe. "Uko niko uwiyita umukozi wa Kristo ahora atondagura ikinyoma cya ya nzoka yo muri Edeni ati: "Ni ukuri ntimuzapfa". Umunsi mwakiriyeho, amaso yanyu azahumuka maze muhinduke nk'imana". "Avuga ko abanyabyaha ruharwa: Abicanyi, abajura n'abasambanyi, nyuma y'urupfu bategurirwa kwinjira mu munezero utazashira.

None se umubwiriza nk'uwo, ugoreka Ibyanditswe Byera bene iyo myanzuro ayikura he? Mu ngingo imwe gusa igaragaza uko Dawidi yishingikirije ku Mpuhwe. Umutima we yari awerekeje kuri Abusalomu kuko yari amaze gushira agahinda abonye ko umuhungu we yakundaga, Amunoni amaze gupfa". Uko intimba Se yari afite yakomezaga kugabanuka uko iminsi yahitaga, ibitekerezo bye biva k'upfuye bigana k'ukiri muzima, wari watorongejwe no gutinya igihano cy'icyaha yakoze. Iki ni igihamya cy'uko inkoramahano, umusinzi nk'Amunoni, wahise ajyanwa aho yerezwa akimara gupfa kandi agategurirwa kubana n'abamarayika batacumuye! Amagambo anejeje y'amahimbano koko, agenewe gushimisha umutima wa kamere. Iyo ni inyigisho ya Satani ubwe, kandi yageze ku ntego yayo. Mbese tugomba gutangazwa n'uko, izi nyigisho z'ubugome zigwira ?

Uburyo uwo mwigisha w'ibinyoma yakoreshaga, bugaragarira no mu mikorere y'abandi benshi. Batandukanya ijambo rimwe n'ayajyaga kuryumvikanisha kugira ngo ubusobanuro barihaye bube buhabanye cyane n'icyo ryavugaga; maze iyo mirongo iciwemo uduce ikagorekwa kandi igakoreshwa mu gushyigikira izindi nyigisho zidashingiye ku Ijambo ry'Imana. Ubuhamya bwatanzwe haruguru bw'uko Amunoni w'umusinzi ari mu ijuru, buhita bubeshyuzwa n'amagambo asobanutse kandi atarimo urujijo yo mu Byanditswe Byera ko nta musinzi uzaragwa Ubwami bw'Imana.[741] Uko niko abashidikanya n'abatizera, hamwe n'abahakanyi bahindura ukuri ibinyoma. Kandi abantu batabarika bayobejwe n'ubwo bucakura, none ubu bihishe mu rutare rwo kwishuka.

Iyaba byari ukuri koko, ko roho z'abantu bose ziherako zijya mu ijuru mu gihe umwuka ubavuyemo, noneho twajya twifuza gupfa kuruta kubaho. Benshi bagiye bizera izo nyigisho, maze bagahita bashyira iherezo ku buzima bwabo. Igihe bagoswe n'amakuba, impagarara, no gucika intege, byakorohera benshi guca akagozi kangiritse k'ubuzima maze bakigira mu munezero w'isi izahoraho iteka.

Imana yatanze ibihamya by'ukuri mu Ijambo ryayo ko izahana abica amategeko yayo. Abishuka ko Imana ari Inyambabazi nyinshi byatuma idasohoza ubutabera bwayo ku munyabyaha, bakwiye guhanga amaso ku Musaraba w'i Kaluvari gusa. Urupfu rw'Umwana w'Imana w'umuziranenge ruhamya ko "ibihembo by'ibyaha ari urupfu", kandi ko kwica amategeko y'Imana kwose gukwiriye guhabwa igihembo cyako. Kristo utigeze gukora icyaha, yahindutse icyaha kubw'umuntu. Yikoreye umutwaro w'ibicumuro, ahishwa mu maso ha Se, kugeza ubwo umutima we waciye maze ubugingo bwe burasandara. Uko kwitanga kose yabikoreye kugira ngo abanyabyaha bacungurwe. Nta hantu na hamwe umunyabyaha ashobora guhungira igihano cy'icyaha. Kandi umutima wose wanga kwakira icyo gitambo cy'agaciro kangana gatyo, aziyikorerera ku giti cye umutwaro n'igihano cy'ibyaha bye.

Mureke turebe icyo Bibiliya yigisha cyerekeye abatubaha Imana n'abanga kwihana,

741 1 Abakorinto 6:10

abo ababwiriza mpuzamahanga bagenera ijuru nk'abaziranenge, n'abamarayika banejeje.

"Ufite inyota nzamuha kunywa ku isoko y'amazi y'ubugingo nta kiguzi atanze".[742] Iri sezerano ryahawe abafite inyota bonyine. Nta n'umwe, keretse abumva ko bakeneye amazi y'ubugingo, maze bakayashaka bahombye ibintu byose, bazayahabwa. "Unesha azaragwa byose; nanjye nzaba Imana ye nawe abe umwana wanjye".[743]Aha na none ibisabwa byarasobanuwe. Kugira ngo turagwe byose, dukwiriye guhangana n'icyaha kandi tukagitsinda.

Uwiteka yavugiye mu muhanuzi Yesaya ati: "Nimubivuge: intungane zizagubwa neza", " inkozi z'ibibi ziragowe, kubera akaga zirimo, zizahanwa hakurikijwe ibikorwa byazo."[744]"Nubwo umunyabyaha ashobora gukora ibikorwa bibi ijana akarenga akaramba, nzi neza ko abubaha Imana bazagubwa neza. Nyamara abagome bo ntibazagubwa neza, ntabazaramba, ahubwo bazayoyoka nk'igicucu, kuko batubaha Imana"[745]Kandi Pawulo ahamya ko umunyabyaha aba yizigamiye umujinya uzaba ku munsi w'uburakari, ubwo amateka y'ukuri y'Imana azahishurwa, izitura umuntu wese ibikwiriye ibyo yakoze;"amakuba n'ibyago ni byo izateza umuntu wese ukora ibyaha. "[746]

"Mumenye ibi:Umusambanyi wese n'ukora ibiteye isoni n'umunya-mururumba (nicyo kimwe no gusenga ibigirwamana), abo bose nta munani bazagira mu bwami bwa Kristo n'Imana".[747]"Mugire umwete wo kubana n'abantu bose amahoro, n'uwo kwezwa kuko utejejwe atazareba Umwami Imana".[748]"Hahirwa abamesa amakanzu yabo, kugira ngo bemererwe kunyura mu marembo bakinjira mu Murwa w'Imana, bakarya ku mbuto z'igiti cy'ubugingo. Inyuma y'Uwo Murwa hazasigara abiyandarika n'abarozi, abasambanyi n'abicanyi, abasenga ibigirwamana n'abakunda kubeshya bakanariganya".[749]

Imana yasobanuriye abantu imicombonera yayo, n'uburyo ifata icyaha. "Uwiteka anyura imbere ye, aravuga ati: Uwiteka, Uwiteka, Imana y'ibambe n'imbabazi itinda kurakara ifite kugira neza kwinshi n'umurava mwinshi, igumanira abantu imbabazi kugeza ku buzukuruza babo b'ibihe igihumbi, ibabarira gukiranirwa n'ibicumuro n'ibyaha." "Azarimbura abagome bose".[750]"Abacumura bo bazarimburirwa hamwe: iherezo ry'urubyaro rw'umunyabyaha ni ugukurwaho."[751]Imbaraga n'ubutware by'ingoma y'Imana, bizakoreshwa kugira ngo hatsembwe ubwigomeke; kandi ibizakoreshwa byose hatangwa ingororano mu butabera, bizakurikiza rwose imico mbonera y'Imana nk'inyambabazi, itinda kurakara, ifite kugira neza kwinshi.

Imana ntihata ubushake cyangwa guhitamo k'uwo ari we wese. Ntabwo yishimira uyumvira abihatiwe. Ishaka ko ibiremwa yaremesheje intoke zayo biyikunda kuko

742 Ibyahishuwe 21:6
743 Ibyahishuwe 21:7
744 Yesaya 3:10,11
745 Umubwiriza 8:12,13
746 Abaroma 2:5,6,9
747 Abefeso 5:5
748 Abaheburayo 12:14
749 Ibyahishuwe 22:14,15
750 Kuva 34:6,7
751 Zaburi 145:20; 37:38

ikwiriye gukundwa. Ishaka ko biyumvira kuko bifite ibitekerezo byo gushima ubuhanga bwayo, ubutabera bwayo, n'ubugiraneza byayo. Kandi abumva bose bafite iyi mico y'Imana bazayikunda kuko bazakomeza kuyegera bishimira imirimo yayo itangaza.

Amahame y'ubugwaneza, imbabazi n'urukundo byabwirijwe kandi bikagaragarizwa mu mibereho y'Umukiza wacu, ni ishusho nyakuri y' ubushake n'imicombonera y'Imana. Kristo yahamije ko nta cyo yigisha ku bwe uretse ibyo yatumwe na Se. Amahame y'ingoma y'ijuru ntiyanyuranyaga n'ibyo Umukiza yigishaga ngo: "Mukunde abanzi banyu". Imana izakoresha ubutabera bwayo ku babi, ubutabera bubereye isi yose, ndetse bunabereye n'abacirwaho iteka. Yajyaga kubashimisha iyo ishobora kubikora itishe amategeko agenga ubutegetsi bwayo kandi yubahirije ubutabera bw'imico yayo. Ibagotesha impano z'urukundo rwayo, ibamenyesha amategeko yayo, ibaherekeresha impano z'imbabazi zayo; nyamara basuzugura urukundo rwayo, bigahindura ubusa amategeko yayo, kandi bakirengagiza imbabazi zayo. Nubwo bakomeza kwakira impano zayo, bakubahuka Uzitanga; banga Imana kuko bazi neza ko yanga urunuka ibyaha byabo. Imana yihanganira ubugoryi bwabo igihe kirekire; ariko ku iherezo, igihe cyagenwe kirageze, ubwo bazahabwa ibikwiranye n'ibyo bakoze. Mbese Imana izakomeza gutsitsurana n'abagome ? Mbese izabahatira gukora ibyo ishaka ?

Abahisemo ko Satani ababera umuyobozi kandi bakayoborwa n'ububasha bwe, ntabwo biteguye guhagarara imbere y'Imana. Ubwibone, uburyarya, ubuhehesi, ubugizi bwa nabi byashoye imizi mu mico yabo. Mbese bashobora kujya mu ijuru bakahabana ubuziraherezo n'abo bangaga babasuzugurira mu isi ? Ukuri ntikuzigera kumvikana n'umunyabinyoma, ubugwaneza ntibuzanyura kwishyira hejuru n'ubwibone; ubutungane ntibuzumvikana no kwangirika; urukundo rutikanyiza ntirwanezeza uwikanyiza. Ni munezero ki ijuru ryaha abababaswe n'inyungu z'iby'isi?

Mbese abagize imibereho igomera Imana mu isi, bateruwe uwo mwanya bakajyanwa mu ijuru, bakibonera ukwera kuharangwa, - ukuntu uriyo wese aba yuzuye urukundo, mu maso ha buri wese huzuye umunezero, bakumva hahanikiwe icyarimwe indirimbo zo gushima no gusingiza Imana n'Umwana w'Intama, bakabona umucyo uhora urabagiranira mu maso y'abacunguwe uturuka ku Yicaye kuri ya ntebe- mbese abo bafite imitima y'urwango banga Imana, banga ukuri n'ubutungane, bashobora kwifatanya n'umutwe w'abamarayika b'abaririmbyi bo mu ijuru, bakaririmbana indirimbo zo gusingiza? Mbese aho bashobora kwihanganira ikuzo ry'Imana n'iry'Umwana w'Intama? Oya, oya; bahawe igihe cy'imbabazi kugira ngo biremere imico mbonera y'abijuru; ariko ntibigeze bamenyereza intekerezo zabo gukunda ubutungane; ntibigize kwimenyereza imvugo y'ijuru, none barakererewe. Imibereho yabo yo kugomera Imana, ntiyatuma bajya mu ijuru. Ubutungane bwaho, ubuziranenge bwaho, n'amahoro yaho byababera iyica rubozo; ikuzo ry'Imana rikababera umuriro ukongora. Bakwifuza guhunga bakava aho hantu haziranenge. Bahamagarira urupfu kubarimbura kugira ngo bihishe amaso y'Uwabapfiriye akabacungura. Iherezo ry'ababi rizakurikiza amahitamo yabo ubwabo. Kuvutswa ijuru ni ubushake bwabo, naho ku ruhande rw'Imana, ni ugukiranuka n'imbabazi.

Nka ya mazi y'umwuzure, umuriro wo kuri uwo munsi ukomeye, ugaragaza

ukuri kw'Imana ko ababi batazarokoka. Ntabwo biteguye kuyoborwa n'ububasha bw'ijuru. Ubushake bwabo bagiye babukoresha mu kugomera Imana; none aho ubugingo bwabo bugeze ku iherezo, barakererewe kugarura ibitekerezo byabo mu ruhande bitamenyerejwe, bakererewe kuva mu byaha ngo bumvire Imana, bakererewe kuva mu nzangano ngo bajye mu rukundo.

Kuba Imana yarazigamye ubugingo bwa Kayini wari umwicanyi, yahaye abantu bose icyitegererezo cy'amaherezo yo kwemerera umunyabyaha gukomeza kubaho iteka akiranirwa. Binyuze mu nyigisho za Kayini n'icyitegererezo cye, benshi mu bamukomotseho bakurikiye inzira yo gukiranirwa, kugeza "igihe ububi bw'abantu bukabya cyane ku isi, " kandi ibyo abantu bibwiraga mu mitima yabo byakomezaga kuba bibi". Mu maso y'Imana, isi nayo yari yarononekaye kandi yuzuye urugomo".[752] Kubw'imbabazi Imana igirira isi, yayitsembyeho ababi bose mu gihe cya Nowa. Kubw'imbabazi, Imana yatsembye abari batuye Sodoma barangiritse. Binyuze mu bishuko bya Satani, abigisha b'ibyo gukiranirwa baratwa bahora bayobora abandi kugomera Imana. Uko niko byari bimeze mu gihe cya Kayini, mu gihe cya Nowa, no mu gihe cya Aburahamu na Loti; kandi ni nako bimeze no mu gihe cyacu. Kubwo imbabazi ku batuye isi, ku iherezo Imana izarimbura abanze kwakira ubuntu bwayo.

"Ibihembo by'ibyaha ni urupfu; ariko impano y'Imana ni ubugingo buhoraho muri Yesu Kristo Umwami wacu".[753]Niba ubugingo buhoraho ari umurage ku bakiranutsi, noneho n'urupfu ni umugabane w'inkozi z'ibibi". " Imana yategetse Mose kubwira Abisirayeli ngo: "Dore uyu munsi ngushyize imbere ubugingo n'urupfu, ibyiza n'ibibi."[754]Urupfu rwavuzwe muri iyi mirongo si rwa rundi Imana yabwiye Adamu, kuko abantu bose bagerwaho n'igihano cyo gucumura. Ni "urupfu rwa kabiri" rwo kinyuranyo cy'ubugingo buhoraho.

Kubera ingaruka z'icyaha cya Adamu, urupfu rwageze ku kiremwa muntu cyose. Bose bajya mu gituro. Ariko nk'uko byateganyijwe mu nama y'agakiza, bose bazasohorwa muri ibyo bituro. "Abapfuye bazazuka, abakiranutsi n'abakiranirwa;" "nk'uko Adamu yokoje abantu bose urupfu, niko no muri Kristo bazahindurwa bazima".[755]Ariko hari itandukaniro hagati y'ayo matsinda yombi y'abantu bazazuka. "Abari mu bituro bose bazumva ijwi rye, maze bazuke, abazaba barakoze ibyiza bazazukira ubugingo, na ho abazaba barakoze ibibi bazazukira gucirwaho iteka".[756]"Abafite umugabane wo kuzuka kwa mbere barahirwa kandi ni abera". Urupfu rwa kabiri ntirubasha kugira icyo rutwara abameze batyo".[757]Ariko abatihannye ngo bababarirwe ibyaha byabo kubwo kwizera, bazahanirwa gukiranirwa – "ibihembo by'ibyaha". Hakurikijwe ibyo bakoze, ibihano byabo bizatandukanira ku gihe bizamara n'uko bizaba bingana; ariko iherezo igihano cyabo kizarangizwa n'urupfu rwa kabiri. Kuko ku Mana, kubera ubutabera bwayo n'imbabazi zayo nyinshi, ntibishoboka gukiriza umunyabyaha mu byaha bye, imubuza kubaho imibereho yahindanyijwe n'ibyaha, aho nawe ubwe yihamiriza ko

752 Itangiriro 6:5,11
753 Abaroma 6:23
754 Gutegeka kwa Kabiri 30:15
755 Ibyakozwe n›Intumwa 24:15; 1Abakorinto 15:22
756 Yohana 5:28,29
757 Ibyahishuwe 20:6

adakwiriye kubaho. Umwanditsi umwe ayobowe n' Umwuka w'Imana yaranditse ati: "Hasigaye igihe gito gusa, umunyabyaha ntiyongere kubaho, ni koko uzitegereza ahe umubure". "Bazatwikirwa n'isoni, bibagirane by'iteka ryose. "[758]

Iryo niryo herezo ry'icyaha n'amahano yose, n'umusaka byatejwe n'icyaha. Umunyazaburi yaranditse ati: "Warimbuye abanyabyaha, wasibanganyije amazina yabo iteka ryose, abanzi banjye bashizeho barimbutse iteka. "Ukurimbuka kw'iteka ryose kuje ku banzi bawe".[759]Mu byahishuwe Umuhanuzi Yohana yitegereje ibyo ahazaza mu ijuru, yumva indirimbo isingiza Imana, nta murya n'umwe unyuranya watuma itakaza uburyohe bwayo. Ibyaremwe byose byo mu ijuru n'ibyo mu isi, byererezaga ikuzo ry'Imana. Nta na hamwe noneho hazumvikana imiborogo y'abantu batuka Imana kubera uburibwe, nta biremwa bigaragurikira mu irimbukiro, ngo humvikane urudubi rw'imiborogo yabo n'indirimbo z'abacunguwe.

Ku rufatiro rw'ikinyoma cy'uko kamere idapfa, hongerwaho n'inyigisho ivuga ko mu gihe abantu bapfuye hari ibyo bakomeza kumeya – iyo nyigisho, hamwe n'iyo kubabazwa by'iteka ryose, binyuranyije n'inyigisho zo mu Byanditswe Byera, bikanyuranya n'ukuri n'uko tubyumva nk'ikiremwamuntu. Hagendewe ku myizerere rusange y'abantu, abacunguwe bari mu ijuru bamenya ikintu cyose gikorerwa hano ku isi, cyane cyane bakamenya uko incuti zabo basize hano ku isi zimerewe. Ariko se byatera munezero ki abapfuye, kumenya no kubona akaga n'uburibwe by'abariho, kubona abo bakundaga barimo gukora ibyaha, no kubabona bari mu gahinda, mu bahagaritse imitima, no mu mibabaro yo mu kubaho kwabo? Abacunguwe se bo, bashobora bate kugira umunezero bareba kandi bumva incuti zabo ziborogera ku isi ? Mbega ubugira nabi kwizera ko uwo mwanya umwuka ukiva mu mubiri, ubugingo bukomeza kugurumanira mu birimi by'umuriro w'iteka ryose! Mbega umubabaro utavugwa kubona abantu b'incuti zabo, bapfa batihannye bamanuka bajya mu bituro, bumva ko aho babashyize ari mu muriro waka ubutazima iteka ryose! Benshi bagiye banduzwa n'iyo nyigisho iteye ubwoba !

Ibyanditswe Byera bivuga iki kuri ibyo bintu ? Dawidi ahamya ko abari mu bituro, ntacyo bamenya. "Umwuka we umuvamo, agasubira mu butaka, uwo munsi imigambi ye ikaba ishize. "[760]Salomo nawe, atanga ubuhamya nk'ubwo agira ati, "Abazima bazi ko bazapfa: ariko abapfuye bo ntacyo bakizi. Urukundo rwabo n'urwangano rwabo n'ishyari ryabo, byose biba bishize, kandi nta mugabane bacyizeye mu bikorerwa munsi y'ijuru byose, kugeza ibihe byose. Kuko mu gituro aho uzajya nta mirimo, nta n'imigambi uzahabona, haba no kumenya cyangwa ubwenge".[761]

Ku gisubizo cy'amasengesho ya Hezekiya, yongerewe indi myaka cumi n'itanu yo kubaho, maze uwo Mwami atura Imana ituro ry'ishimwe kubera imbabazi zayo zitarondoreka. Muri iyo ndirimbo ye yo gushima, yavuzemo impamvu imuteye kwishima muri aya magambo:"Kuko ikuzimu hatabasha kukogeza n'urupfu rutabasha kuguhimbaza, abamanuka bajya muri rwa rwobo ntibabasha kwiringira ukuri kwawe. Umuzima, umuzima niwe uzakogeza nk'uko nkogeza uyu munsi".[762]Iyobokamana ryamamaye rigaragaza ko intungane zapfuye zimwe ziri mu ijuru, zinjiye mu munezero zikaba zishima Imana mu mvugo izahoraho iteka ryose; ariko Hezikiya we yavuze ko nta kuzo ritegerejwe ku bari mu bituro. Mu magambo ye, yemera ubuhamya bw'umunyazaburi aho yavuze ati, "Kuko upfuye atakikwibuka. Ninde uzagushimira ikuzimu? Abapfuye ntibashima Uwiteka, cyangwa abamanuka bajya ahacecekerwa."[763]

758 Zaburi 37:10; Obadiya 16
759 Zaburi 9:5,6
760 Zaburi 146:6
761 Umubwiriza 9:5, 6,10
762 Yesaya 38:18,19

Petero ku munsi wa pentekote, yatangaje ko na Sogokuruza wacu Dawidi "yapfuye, agahambwa, ndetse ko n'ubu igituro cye kiracyari iwacu". "Kuko Dawidi atazamutse mu ijuru".[764] Kuba Dawidi ari mu gituro kugeza ku munsi wo kuzuka kw'abakiranutsi, byerekana neza ko abakiranutsi batajya mu ijuru iyo bapfuye. Ni kubw'umuzuko w'abapfuye, no kubwo kuzuka kwa Kristo, umunsi umwe Dawidi azicara iburyo bw'Imana.

Kandi Pawulo nawe yaravuze ati: "Niba abapfuye batazuka, ubwo na Kristo ntarakazuka: kandi niba Kristo atazutse, kwizera kwanyu ntikugira umumaro, ahubwo muracyari mu byaha byanyu. Kandi niba bimeze bityo, n'abasinziririye muri Kristo bararimbutse."[765] Niba mu myaka ibihumbi bine, abakiranutsi bose bapfuye baragiye bajya mu ijuru, Pawulo yajyaga kuvugira iki ko niba kuzuka kutariho, "abasinziriye muri Kristo barimbutse ?" Umuzuko ntacyo waba ukimaze.

Tindale wahowe kwizera kwe avuga yunganira inyigisho zerekeye abapfuye muri aya magambo: "Ndahamya neruye ko nta gihamya na kimwe kigaragaza ko abapfuye bahawe ikuzo risesuye nk'irya Kristo, cyangwa iryo Abamarayika b'Imana barimo". Iyo nyandiko sinyizera; kuko iyo bizakumera bityo ndabona kwiririrwa tubwiriza ibyo kuzuka kw'abapfuye ari impfabusa". [766]

Ni ikintu kidashidikanywaho ko kwiringira ko umugisha udashira uhabwa abapfuye byateye abantu benshi guhinyura ihame rya Bibiliya ryerekeye umuzuko. Ibyo Adamu Clarke we yabibonye atya: "Inyigisho y'umuzuko igaragara nk'iyahawe agaciro cyane mu Bakristo ba mbere kurusha abo muri iki gihe! Mbese bimeze bite? Intumwa zakomezaga kwibanda ku muzuko, kandi zigakangurira abakurikira Kristo kugira umwete, kumvira n'umunezero ku bwawo. Muri iki gihe, ababasimbuye ntibashishikazwa cyane n'iryo hame. Nuko rero, intumwa zarabwirizaga, maze Abakristo ba mbere bakizera; n'ubu turabwiriza, na none abo tubwirije bakizera. Nta nyigisho iri mu butumwa bwiza yibanzweho cyane; kandi nta nyigisho yo muri iki gihe tubwirizamo ihabwa agaciro gake!" [767]

Ibyo byarakomeje kugeza igihe ihame ritangaje ry'umuzuko ryijimishwa n'Abakristo bo muri iki gihe maze rita agaciro karyo. Nicyo cyatumye Umuyobozi umwe w'umunyedini yanditse atanga ubusobanuro ku magambo ya Pawulo yo mu 1 Abatesaloniki 4:13-18. ati: "Bitewe n'impamvu z'ibiduhumuriza, inyigisho y'uko abakiranutsi bafite amahirwe yo kudapfa, kuri twe ifashe umwanya w'inyigisho benshi bashidikanyaho ariyo kugaruka kwa Nyagasani. Iyo dupfuye nibwo Nyagasani aba agarutse. Icyo nicyo dukwiriye gutegereza, kandi nicyo dukwiriye

763 Zaburi 6:5; 115:17
764 Ibyakozwe n›Intumwa 2:29,34
765 1 Abakorinto 15:16-18
766 William Tyndale, Preface to New Testament (ed.1534). Reprinted in British Reformers -Tindal, Frith, Barnes, p. 349
767 Commentary, remarks on 1 Corinthians 15, paragraph 3

kwitegura. Abapfuye bamaze kwigerera mu ikuzo rihebuje. Ntibagitegereje impanda yo gucirwa urubanza no guhabwa umugisha."

Ariko se igihe Yesu yari agiye gutandukana n'abigishwa be, ntiyababwiye ko bazaza aho ari ati "Ngiye kubategurira ahanyu', kandi ubwo ngiye kubategurira ahanyu, nzagaruka mbajyane iwanjye."[768] Na Pawulo aratubwira ati: "Kuko Umwami ubwe azaza amanutse ava mu ijuru aranguruye ijwi rirenga, hamwe n'ijwi rya Marayika ukomeye n'impanda y'Imana, nuko abapfiriye muri Kristo nibo bazabanza kuzuka, maze natwe abazaba bakiriho basigaye, duhereko tujyananwe nabo, tuzamuwe mu bicu gusanganira Umwami mu kirere. Nuko rero tuzabana n'Umwami iteka ryose". Yongeraho n'aya magambo ati:" Nuko mumaranishe imibabaro kubwirana ayo magambo".[769] Mbega uko aya magambo y'ihumure yavuzwe n'intumwa za Kristo atandukanye cyane n'ayavuzwe na wa mubwiriza wa rubanda, twigeze kuvuga! Uwo mubwiriza wa rubanda ahumuriza inshuti zimuteze amatwi, azizeza ko n'ubwo umuntu yaba ari umunyabyaha ruharwa ku isi, igihe umwuka w'ubugingo bwe hano ku isi umushizemo, aherako yakirwa mu bamarayika bera. Ibiri amambu, Pawulo we aburira abizera ku byo kugaruka k'Umukiza, ubwo iminyururu y'ibituro izacika, abapfiriye muri Kristo bakazukira ubugingo buhoraho.

Mbere y'uko hagira umuntu wemererwa kwinjira muri ya mazu meza yateguriwe abahiriwe, hazabanza kuba igenzura rya buri wese, kandi imico n'ibikorwa by'umuntu wese bigomba kunyuzwa imbere y'Imana. Bose bazacirwa imanza hakurikijwe ibyanditswe mu bitabo, maze bahabwe ingororano zikwiranye n'icyo umuntu wese azaba yarakoze. Urwo rubanza ntirucibwa mu gihe cyo gupfa. Mwitondere aya magambo ya Pawulo. "Yashyizeho umunsi wo gucira abari mu isi bose urubanza, kandi izarucisha umuntu yatoranyije, ibyo yabihamirije abantu bose ubwo yamuzuraga".[770] Aha intumwa iragaragaza neza ko mu gihe kizaza hari umunsi washyizweho wo gucira isi urubanza.

Icyo gihe Yuda we akivuga muri aya magambo: " N'Abamarayika batarinze ubutware bwabo bahawe mbere, ahubwo bakareka ubuturo bwabo, ibarindira mu minyururu idashira no mu mwijima w'icuraburindi kugira ngo bacirweho iteka ku munsi ukomeye". Na none kandi yakoresheje amagambo ya Henoki wa karindwi agira ati: "Dore Uwiteka yazanye n'inzovu nyinshi z'abera be, kugira ngo agirire bose ibihura n'amateka baciriweho".[771] Yohana ahamya ko yabonye abapfuye, aboroheje n'abakomeye, bahagaze imbere y'Imana; maze ibitabo birabumburwa, nuko abapfuye bacirwa imanza z'ibyanditswe muri ibyo bitabo".[772]

Ariko niba abapfuye bibereye mu munezero wo mu ijuru cyangwa bakaba bariho baborogera mu birimi by'umuriro ukongora w'ikuzimu, urubanza rwazaba ari urwo iki ? Inyigisho z'Ijambo ry'Imana kuri iri hame rikomeye ntabwo ari urujijo nta n'ubwo zivuguruza; zishobora gusobanukira umuntu wese. Ariko se ni ntekerezo ki z'umuntu washyira mu gaciro akareba ubwenge cyangwa gukiranuka mu nyigisho z'iki gihe ? Mbese aho abakiranutsi, nyuma y'isuzuma ry'ibyo bakoze mu gihe

768 Yohana 14:2,3
769 1 Abatesaloniki 4;16-18
770 Ibyakozwe n›Intumwa 17:31
771 Yuda 6,14,15
772 Ibyahishuwe 20:12

cy'uru banza bazabwirwa aya magambo y'ishimwe: "Nuko nuko mugaragu mwiza ukiranuka. Injira mu munezero wa Shobuja," igihe bazaba bamaranye nawe imyaka myinshi ? Ese inkozi z'ibibi zizavanwa aho zimaze igihe zibabarizwa, zize kumva iteka zaciriweho mu magambo azasohoka mu kanwa k'Umucamanza mukuru ngo: "Nimuve aho ndi mwa bivume mwe, mujye mu muriro w'iteka" ? [773]Yewe, mbega ikinegu! Bakojejwe isoni n'ubuhanga no gukiranuka by'Imana!.

Inyigisho ivuga ko ubugingo budapfa ni imwe mu nyigisho z'ibinyoma Roma yatiye mu idini rya gipagani, maze izinjiza mu idini rya gikristo. Martini Luther yashyize iyi nyigisho yo kudapfa kw'ubugingo mu mubare w' ibihimbano bya kinyamaswa aremye ikirundo cy'imyanda y'amategeko ya Roma".[774] Atanga ubusobanuro bw'amagambo ya Solomo yo mu Mubwiriza 9:5 y'uko abapfuye nta cyo bamenya, Umugorozi yaravuze ati:" Hari n'ahandi havuga ko uwapfuye adatekereza, ati aho nta mirimo, nta buhanga, nta bumenyi, nta bwenge bihaba. Solomo we yabonye ko upfuye asinziriye, kandi akaba ntacyo acyumva. Aho uwapfuye asinziririye, ntabara iminsi cyangwa imyaka, ariko ubwo bazakangurwa, bizamera nk'aho bamaze umwanya muto mu bitotsi."[775]

Nta na hamwe mu Byanditswe Byera dusoma ko abakiranutsi bahabwa ingororano zabo, abakiranirwa bagahabwa ibihano byabo, igihe bapfuye. Abakurambere n'abahanuzi bagiye badafite ibyo byiringiro. Yesu n'abigishwa be ntacyo babivuzeho. Bibiliya yigisha yeruye ko abapfuye badaherako bajya mu ijuru. Igaragaza ko basinziriye kugeza ku munsi w'umuzuko. "Akagozi k'ifeza kataracika n'urwabya rw'izahabu rutarameneka, n'ikibindi kitaramenekera ku isoko, n'uruziga rutaravunikira ku iriba, ibitekerezo by'umuntu birayoyoka".[776]Abajya ikuzimu bararuhutse. Nta cyo bamenya mu bikorerwa munsi y'izuba. Noneho rero, hahirwa abakiranutsi barushye bakaruhuka. Igihe cyaba kigufi cyangwa kirekire, kuri bo, ni nk'akanya gato. Barasinziriye; bazakangurwa n'impanda y'Imana ibahamagarira kubaho mu ikuzo ritagira iherezo. " Kuko impanda izavuga, abapfuye bazuke ubutazongera kubora. Ariko uyu mubiri ubora numara kwambikwa kutabora, n'uyu upfa numara kwambikwa kudapfa, nibwo hazasohora rya jambo ryanditswe ngo "Urupfu rumizwe no kunesha".[777] Ubwo bazakangurwa mu bitotsi bikomeye babayemo, batangire gutekereza aho basize. Uburibwe bwabo buheruka bwari ubw'urupfu; na ho ibitekerezo byabo biheruka bibe ibyo uko bari baremerewe n'imbaraga z'igituro. Ubwo bazaba basohotse mu bituro, umunezero wabo wa mbere uzumvikanira mu ndirimbo yinsinzi igira iti: Wa rupfu we, urubori rwawe ruri he? Wa gituro we kunesha kwawe kuri he?"

773 Matayo 25:21,41
774 E. Petaval, The problem of Immortality, p. 255
775 Martin Luther, Exposition of Salomon›s Book Called Ecclesiastes, page 152
776 Umubwiriza 12:6
777 1Abakorinto 15:52-54

Igice cya 34

MBESE ABACU BAPFUYE BASHOBORA KUVUGANA NATWE? (KUYOBOKA IMYUKA MIBI)

Nk'uko Ibyanditswe bivuga, umurimo w'abamarayika baziranenge, ni ukuri guhumuriza kandi gufite agaciro gakomeye kuri buri muyoboke wa Kristo wese. Ariko inyigisho za Bibiliya kuri iyi ngingo, zagiye zipfukiranwa kandi zikagorekeshwa amafuti y'iyobokamana ryamamaye. Inyigisho yo kudapfa kwa roho, yakomowe bwa mbere mu bucurabwenge bw'idini ya gipagani, no mu gihe cy'umwijima w'ubuhakanyi bukomeye hinjijwe iyo nyigisho mu myizerere ya Gikristo, hakurwaho ukuri kwa Bibiliya kwigisha kweruye ko "abapfuye nta cyo bamenya. " Benshi baje kwizera ko imyuka y'abapfuye "ari bo myuka yoherezwa gukora umurimo wo gufasha abazaragwa agakiza." Nyamara kandi Ibyanditswe Byera bivuga imibereho y'abamarayika bo mu ijuru, ndetse n'uruhare rwabo mu mateka ya muntu mbere yo gupfa kw'ikiremwa muntu.

Inyigisho zivuga ko upfuye akomeza kugira intekerezo nzima, cyane cyane izizera ko imyuka y'abapfuye igaruka gukorera abantu bazima, nizo zatunganyirije inzira gusengwa kw'imyuka mibi muri iki gihe. Niba abapfuye bemererwa kujya imbere y'Imana n'abamarayika bera, kandi bakagira amahirwe yo kugira ubwenge buruta ubwo bari bafite batarapfa, ni kuki batagaruka mu isi kumurikira no kwigisha abakiri bazima? Niba nk'uko byavuzwe n'ibyamamare mu by'iyobokamana, abapfuye baza bakaganira n'incuti zabo basize ku isi, kuki batemererwa kuvugana nabo ngo bababurire bareke ibibi, cyangwa ngo babahumurize mu mibabaro yabo? Ni kuki abizera ko abapfuye baba bumva, batemera ibibabayeho nk'umucyo uturuka mu ijuru, babwiwe n'imyuka ifite ikuzo? Ubwo buryo bugaragara nkaho ari ubuziranenge, nibwo Satani akoresha kugira ngo ashohoze imigambi ye. Abamarayika bacumuye bamukorera bihinduye intumwa zivuye mu isi y'abapfuye. Iyo bavuga ko baje guhuza abapfuye n'abazima, umutware w'ibibi byose agakoresha ubuhendanyi bwe ngo ahindure intekerezo z'abantu bazima.

Afite ubushobozi bwo kuzanira abantu, amashusho y'incuti zabo zapfuye. Uko kwigana, agukorana ubuhanga buhanitse; uko umuntu yasaga, amagambo ye, ijwi rye, ibyo byose bigaragazwa mu buryo butangaje. Abenshi birema agatima ko abo bakunda bibereye mu munezero w'ijuru, maze kubwo kudatahura akaga barimo, bagategera amatwi "imyuka iyobya n'inyigisho z'abadayimoni."

Iyo bamaze kwizezwa ko abapfuye bagaruka kubasura bakavugana nabo, Satani atuma abo bagaragara nk'abagiye mu bituro, batiteguye. Bavuga ko banezerewe mu ijuru kandi bakaba bafiteyo imyanya y'icyubahiro, noneho amafuti akigishwa hose ko nta tandukaniro riri hagati y'abakiranutsi n'abakiranirwa. Abo biyise abashyitsi bavuye mu isi y'abapfuye, rimwe na rimwe batanga imiburo isa n'ukuri. Iyo bamaze gufata imitima yabo, baherako bagatanga inyigisho zitesha agaciro ukwizera ko mu Byanditswe Byera. Kubwo kwerekana ko bitaye cyane ku mibereho myiza y'incuti zabo ku isi, baboneraho umwanya wo kwinjiza amafuti ateje akaga gakomeye.

Kuba rimwe na rimwe bavuga iby'ukuri, kandi hakaba n'igihe bashobora guhanura ibizabaho mu gihe kizaza, bigatuma amagambo yabo amera nk'ayo kwiringirwa; maze inyigisho zabo z'ibinyoma zikemerwa uko zakabaye n'imbaga y'abantu benshi, kandi zikizerwa nk'aho ari ukuri kudashidikanywaho ko muri Bibiliya. Amategeko y'Imana ntiyitabweho, Mwuka w'ubuntu bw'Imana agasuzugurwa, amaraso y'isezerano akabarwa nk'ikintu cyanduye. Imyuka mibi ihakana ubumana bwa Kristo kandi igashyira Umuremyi mu rwego rumwe nayo. Nguko uko icyigomeke kabuhariwe cyihinduranya iyo kigabye igitero cyo kurwanya Imana, mu ntambara yatangiriye mu ijuru igakomereza mu isi, ikaba imaze hafi y'imyaka ibihumbi bitandatu.

Benshi bihatira gusobanura uko imyuka yigaragaza bakoresheje abantu biyita ko bashobora kuba abahuza b'abazima n'abapfuye. Ariko n'ubwo mu by'ukuri ingaruka y'ubwo buhendanyi zikomeza kwihishahisha nk'aho itariho koko, hari ubwo yishyira ku mugaragaro isa n'imbaraga zidasanzwe. Imvugo y'amayobera yatangiye gukoreshwa n'abasenga imyuka bo muri iki gihe, ntabwo ari ikomoka k'ubuhendanyi bw'abantu cyangwa ubucakura, ahubwo ni umurimo w'abamarayika babi, batangije wo guheza mu gihirahiro abantu ngo barimbuke. Benshi bazagwa mu mutego wo kwizera ko imyuka mibi ari ibikorwa by'abantu biyoberanya; igihe bakorera ibitangaza byabo mu maso y'abantu, bo babona ko ari ibintu bisanzwe, bazayoba kuko bazageza igihe bemera ko abakora ibyo, babikoreshwa n'imbaraga ikomeye ivuye ku Mana.

Bene abo bantu ntibita ku buhamya bwo mu Byanditswe Byera busobanura ibitangaza bikorwa na Satani n'abamarayika be. Abapfumu ba Farawo bafashijwe na Satani, bashoboye kwigana umurimo w'Imana. Pawulo ahamya neza ko mbere yo kugaruka kwa Kristo, hazabanza kwigaragaza imbaraga za Satani zimeze zityo. Kugaruka kw'Umwami Yesu kuzabanzirizwa no "gukora kwa Satani gufite imbaraga zose n'ibimenyetso n'ibitangaza by'ibinyoma."[778] Kandi n'Intumwa Yohana, yerekana uko mu minsi y'imperuka hazaduka imbaraga zikora ibitangaza, yaravuze ati: " Kandi ikora ibimenyetso bikomeye, imanura umuriro uva mu ijuru ugwa mu isi mu maso y'abantu. Iyobesha abari mu isi ibyo bimenyetso yahawe gukora."[779] Nta kwiyoberanya guhanuwe hano. Abantu bashukwa n'ibitangaza abakozi ba Satani bakora kubera imbaraga bahawe, ntabwo ari ibyo bagerageza gukora.

Umutware w'umwijima wahereye kera kose akoresha ubuhanga bwe mu murimo wo kuyobya abantu, agena ibishuko akurikije n' inzego z'abantu bose n'ibihe barimo. Ku bantu b'abanyabwenge kandi bajijutse, abayobesha imyuka yo mu rwego ruhanitse mu by'ubwenge, maze bikamushoboza kubona benshi akururira mu mutego we. Ubwenge butangwa n'imyuka mibi ni ubwavuzwe n'intumwa Yakobo, aho yerekana ko "Bene ubwo bwenge sibwo bumanuka buvuye mu ijuru, ahubwo ni ubw'isi, ni ubw'inyamaswa bantu ndetse ni ubw'abadayimoni."[780]Nyamara uwo mushukanyi ukomeye yiyoberanya iyo abonye ko ari byo bimuhesha kugera ku cyo agambiriye. Uwashoboye kwigaragaza imbere ya Kristo mu butayu bw'ibigeragezo, yambaye kurabagirana kw'abaserafi bo mu ijuru, asanga abantu mu buryo

778 2 Abatesaloniki 2:9
779 Ibyahishuwe 13:13,14
780 Yakobo 3:15

bukurura amaso, ameze nka marayika w'umucyo. Yitwaza impamvu igaragaza insanganyamatsiko zihambaye; anezezwa no kubategesha ibintu by'igiciro cyinshi; kandi agakora urutonde rw'ibyo bakunda abigaragaza nk'aho abakunze kandi abitayeho. Atera intekerezo guhora zitekereza ibintu byo mu rwego rwo hejuru, agatera abantu kwiratana ubwenge bwabo kugira ngo basuzugure Imana Ihoraho mu mitima yabo. Icyo kiremwa cy'ikinyambaraga cyashoboye kujyana Umucunguzi w'isi mu mpinga y'umusozi muremure cyane, kikamwereka ubwami bwose bw'isi n'ikuzo ryabwo, niko gitegesha abantu ibigeragezo kikagoreka ibitekerezo by'abatishingikirije ku mbaraga y'ijuru.

Satani ashukashuka abantu muri iki gihe nk'uko yashukashutse Eva muri Edeni, akamubwirana ineza kugeza ubwo yifuza kugira ubwenge atemerewe, akamuteramo umutima w'inarijye no kwishyira hejuru. Kwifuza ibibi nibyo byamugushije, akaba ashaka ko ari nabyo arohesha abantu mu irimbukiro. Aramubwira ati: "Muzamera nk'Imana" "mumenye icyiza n'ikibi."[781] Inyigisho zerekeye ibyo gusenga imyuka zigisha ko umuntu ari ikiremwa gikomoka kw'ihindagurika ry'ibinyabuzima; kandi ko kuva cyabaho cyagenewe kuzagera aho gihinduka kugeza aho kiba nk'Imana. Ubundi kandi zikavuga ko umuntu wese azicira urubanza ntazarucirwa n'undi. "Urubanza ruzaba ari urw'ukuri, kuko ari ukurwicira.... Intebe y'Ubwami iri muri mwe." Intekerezo ze zimaze gusabwa n'iby'imyuka, umwigisha w'abizera imyuka yaravuze ati: "Bavandimwe, abo bose bari mu rugendo bataragera ku Mana by'ukuri. " Undi nawe yarahamije ati:"Ikiremwa cyose gikiranuka kandi kiboneye Kristo".

Nuko rero, mu mwanya w'ugukiranuka n'ubutungane by'Imana Ihoraho, ariyo ikwiriye gusengwa; mu mwanya w'ubutungane nyakuri bw'amategeko yayo, ariyo rugero rw'ubutungane nyakuri abantu bakwiriye kugenderaho, Satani yabisimbuje kamere y'icyaha ya mwene muntu kugirango abe ariwe usengwa, abe ariwe gusa uca imanza, akaba ari nawe rugero rw'imico mbonera. Ibyo rero si amajyambere, ahubwo ni ukudindira.

Ni itegeko muri kamere y'umutima no mu y'iby'Umwuka ko duhindurwa n'ibyo dutumbiriye. Ibitekerezo byacu ubwabyo bigendera kubyo byerekejweho. Bigera aho bigasa n'iby'abo dukunda kandi twubaha. Umuntu ntazigera azamuka ngo arenge urugero rwe rwo kwera cyangwa rw'ineza cyangwa urw'ukuri. Niba inarijye ari yo agira nyambere, ntazigera arenga aho. Ahubwo, azakomeza guhenebera. Ubuntu bw'Imana bwonyine nibwo bufite imbaraga zo kuzahura umuntu. Ariko iyo agumye uko ari, nta kabuza ibye bizacurama.

Kuri nyamwigendaho, ukunda ibimunezeza, urarikira, ibyo imyuka ubwayo yiyerekana ubwayo mu buryo bwiyoberanyije, kuruta uko yiyereka mu buryo bweruye kandi buhanitse; muri ubwo buryo umuntu wese abonamo ibihwanye n'ibyo ararikiye. Satani yiga imiterere y'umuntu wese akamenya aho afite intege nke, akamenya n'ibyaha byose bikunda kumutsinda, akabyitaho kugira ngo ataza kubura akanya ko kubimugushamo. Ageragerasha abantu gukabya mu byo amategeko, kubwo kutirinda, akabatera gucika intege z'umubiri, iz'ubwenge, n'imbaraga z'ibya Mwuka. Yarimbuye kandi n'ubu aracyarimbura ibihumbi byinshi, ahereye ku byo kamere yabo irarikiye, ibyo bikonona kamere y'umuntu uko yakabaye. Kandi

781 Itangiriro 3:5

kugira ngo arangize umurimo we, akoresheje imyuka, ahamya ko"ubwenge nyakuri bushyira umuntu hejuru y'amategeko yose;" ko 'uko umuntu ari kose, ari imbonera'; ko "Imana idaciraho iteka;" kandi ko ibyaha byose bikozwe, ntakibi kibirangwamo." Iyo abantu bamaze kugera ku rwego rwo kwizera ko irari ari itegeko risumba ayandi, ko umuntu wese yigenga, kandi ko ibyo umuntu ariwe bireba gusa, ninde watangazwa n' ukwangirika ndetse n'ibibi byaduka impande zose? Benshi bafite ishyushyu ryo kwemera inyigisho zibasigira umudendezo utuma bayoboka ibyo imitima yabo irarikiye. Intwaro zatumaga yifata yazeguriye irari, imbaraga z'ubwenge n'iz'ibya roho yabuhariye kwifuza kwa kinyamaswa, maze Satani akanezezwa no gukoranyiriza ibihumbi byinshi by'abantu biyita abigishwa ba Kristo mu rushundura rwe.

Ariko nta n'umwe ukwiriye gushukwa n'ibyo imyuka mibi ivuga. Imana yatanze umucyo uhagije kugira ngo ubabashishe kuvumbura uwo mutego. Nk'uko byamaze kugaragazwa, inyigisho z'urufatiro rw'imyuka iyobya zihanganye n'amahame y'ukuri kw'Ijambo ry'Imana. Bibiliya ivuga yeruye ko abapfuye ntacyo bamenya, ko imigambi yabo iba irangiye; bakaba batakigira umugabane mu bikorerwa munsi y'izuba; ntibashobora kumenya umubabaro cyangwa umunezero w'abakunzi babo basize mu isi.

Niyo mpamvu, Imana yabuzanyije yeruye kugerageza kugirana ibiganiro n'imyuka y'abapfuye. Mu gihe cy'Abaheburayo hari hariho itsinda ry'abantu babyiyemereraga, nk'uko abanyamyuka babikora muri iki gihe, bagirana umushyikirano n'abantu bapfuye. Ariko iyo 'myuka imenyerewe', kwitwa "abashyitsi baturuka mu yandi masi", Bibiliya ivuga ko "ari imyuka y'abadayimoni." Umurimo wo gushyikirana n'imyuka mibi, wavuzwe ko ari ikizira k'Uwiteka, kandi wabuzanyijwe ku mugaragaro ko uhanishwa igihano cy'urupfu.[782] Izina nyaryo ry'umurozi riragayitse muri iki gihe. Guhamya ko abantu bashobora kugirana ibiganiro n'imyuka y'abadayimoni, bifatwa nk'ibihimbano byo mu gihe cy'imyaka y'umwijima. Nyamara, inyigisho zo gusenga imyuka mibi, zimaze kugira abayoboke ibihumbi amagana, ndetse za miliyoni nyinshi z'abantu, bakoresheje ubumenyi mu bya siyansi, mu bushakashatsi bwabo, bigarurira amatorero, maze zishyirwa mu mategeko y'ubuyobozi ndetse no mu nkiko z'abami – igishuko gikwiriye ku isi yose nta kindi n'icyongera kubyutsa, mu bundi bushukanyi bushya bw'ubushitsi n'ubupfumu, ari byo byaciriweho iteka guhera kera kose.

Iyo hatabaho ibindi bihamya bigaragaza imico nyakuri y'imyuka iyobya, byajyaga kuba bihagije ku Bakristo kumenya ko nta tandukaniro riri hagati yo gukiranuka n'icyaha, hagati y'ubupfura n'ubutungane by' intumwa za Kristo n'ukwangirika kw'abakozi ba Satani. Iyo Satani yerekana ko ababi bari mu ijuru kandi bahafite imyanya ikomeye cyane, aravuga ati: "Uko waba umugome kose; n'ubwo waba wizera cyangwa utizera Imana n'ijambo ryayo. Winezeze uko ushaka; ijuru ni iryawe". Abigisha b'iby'imyuka mibi baravuga bati: Umuntu wese ukora ibyaha ni mwiza imbere y'Uwiteka, kandi irabanezererwa; cyangwa bati: Imana ica imanza iri he?"[783] Ijambo ry'Imana riravuga riti: "Bagushije ishyano abita ikibi icyiza n'icyiza bakita ikibi, umwijima bawushyira mu cyimbo cy'umucyo n'umucyo bakawushyira

782 Abalewi 19:31; 20:27
783 Malaki 2:17

mu cyimbo cy'umwijima". [784]

Imyuka iyobya yihindura nk'intumwa za Kristo kugira ngo ivuguruze ibyo zanditse ziyobowe n'Umwuka Muziranenge zikiri ku isi. Iyo myuka mibi ihakana ko Bibiliya ikomoka ku Mana, maze igakuraho urufatiro rw'ibyiringiro bya gikristo kandi ikazimya umucyo umurika mu nzira ijya mu ijuru. Satani akora ku buryo abantu bizera ko Bibiliya ari ibihimbano, cyangwa ari igitabo cyo mu gihe cy'iremwa ry'umuntu, ariko ubu kidakwiriye kwitabwaho cyane, cyangwa gikwiye kurekwa kuko kitakijyanye n'igihe. Maze akifashisha ibyo imyuka mibi kugira ngo yigarurire umwanya w'Ijambo ry'Imana. Uyu niwo muyoboro akoresha; muri ubu buryo ashobora gutumaabantu bizera ibyo ashaka. Igitabo cyagombaga kumuciraho iteka n'abayoboke be, agishyira mu bwihisho aho ashaka; Umukiza w'abari mu isi agahindurwa nk'umuntu usanzwe. Kandi nk'uko umusirikare w'Umunyaroma wari urinze igituro cya Yesu yakwije ibinyoma by'uko Yesu atazutse, nk'uko yari yohejwe n'abatambyi n'abakuru b'idini, niko n'abizera imyuka mibi bakwiza hose ko nta gitangaje mu mibereho ya Yesu Umukiza wacu. Bamaze kujijisha abantu ku bya Yesu, bashyushya inkuru z'ibitangaza bakora ubwabo bavuga ko birenze kure cyane imirimo ya Kristo.

Ni iby'ukuri koko muri iki gihe, imyuka iyobya irarushaho kwihinduranya, igatwikira imwe mu migambi ikomeye yayo, ikiyerekana mu ishusho ya gikristo. Nyamara amagambo bahereye kera kose bavugira ku ruhimbi no mu binyamakuru babwira rubanda, yerekana neza abo ari bo. Izo nyigisho ntizishobora guhakanwa cyangwa ngo zihishwe.

Ndetse n'uko zigaragaza muri iki gihe, bitandukanye cyane n'uko zajyaga kwihanganirwa iyo zigaragaza nka mbere, kuko ziteye ubwoba bitewe n'ubushukanyi n' ibinyoma byuzuyemo. Igihe mbere hose iyo myuka iyobya yahakanaga Kristo na Bibiliya, muri iki gihe bwo ihamya ko ibemera bombi. Nyamara Bibiliya ihabwa ubusobanuro bwo kunezeza abafite imitima itarababyawe ubwa kabiri, ukuri kwayo ntikugire impinduka kuri bo. Urukundo rwibandwaho nk'umuco w'Imana uruta iyindi yose, nyamara ruteshwa agaciro hagendewe ku marangamutima, ntihabeho itandukaniro rigaragara ry'icyiza n'ikibi. Ubutabera bw'Imana, uko yanga icyaha, ibisabwa ku mategeko yayo yera, byose ntibibe bicyitabwaho. Abantu bigishwa ko Amategeko y'Imana ari inyandiko zipfuye. Ibitekerezo bishimishije, n'ibikorwa by'ubupfumu bitwara intekerezo z'abantu, maze bigatuma banga Bibiliya kandi ariyo rufatiro rwo kwizera kwabo. Bihakana Kristo bivuye inyuma nk'uko byabaye mbere; nyamara Satani yahumye abantu amaso kugira ngo badatahura imitego ye.

Hari bake gusa bashobora kumenya imbaraga y'ibishuko by'imyuka iyobya n'akaga kazanwa no kuyikururira. Benshi bagerageza kuyikururira bashaka kwimara amatsiko gusa. Ntabwo baba bayizeye rwose kandi bagenda bomboka kuko baba bafite ubwoba bwo kuyiyoboka burundu ngo bategekwe nayo. Nyamara bagendagenda mu cyanya cyabuzanyijwe, maze umurimbuzi agakoresha imbaraga ze, ahereye ku byo bifuza. Iyo bamaze kwegurira intekerezo zabo kuyoborwa na we, abahindura iminyago ye. Ku mbaraga zabo rero ntibashobora kumwigobotora. Nta kindi uretse gusa imbaraga y'Imana, itangwa nk'igisubizo cy'amasengesho avuye ku

784 Yesaya 5:20

mutima wizeye, ni yo ishobora kugobotora imitima yafatiwe muri uwo mutego.

Abantu bose bagundira ibyaha, cyangwa bagakora ibyaha nkana, baba bihamagariye ibishuko bya Satani. Bitandukanya n'Imana ubwabo kandi bakivana mu cyanya cy'uburinzi bw'abamarayika b'Imana; kandi igihe umurimbuzi abateze ikigoyi, basigaye batakigira ikibakingira, baherako bakagwa rugikubita. Abiyegurira gutegekwa n'imbaraga za Satani, ntibabasha kumenya iherezo ry'ubugingo bwabo. Iyo bamaze kurunduka, umushukanyi abagira igikoresho cyo kuroha abandi mu irimbukiro.

Umuhanuzi Yesaya we yaravuze ati: "Abantu bazababwira kugisha inama abapfumu n'abashitsi, banwigira kandi bakongorera. Barabaza bati, "mbese abantu ntibari bakwiriye kwiyambaza imana zabo, bakagisha inama abapfuye bagirira abazima? Muzabasubize muti, Nimugarukire amabwiriza y'Uhoraho n'inyigisho ze. Utazabikurikiza, ntazongera kubona umuseke weya."[785] Iyo abantu bagira ubushake bwo kwakira ukuri nk'uko kuri mu Byanditswe, ku byerekeye kamere y'umuntu n'imibereho y'abapfuye, bajyaga kuzabona mu mivugire no mu myitwarire y'abanyamyuka imbaraga za Satani zikora ibimenyetso n'ibitangaza biyobya. Ariko mu cyimbo cyo kureka ibinezeza imitima yabo ya kamere, n'ibyaha batonesheje, abantu benshi bahitamo guhumiriza amaso yabo mu mucyo kugira ngo bakomeze inzira zabo z'umwijima, bakirengagiza imiburo, igihe Satani we abatega imitego, ashaka kubahindura umuhigo we. "Kuko batemeye gukunda ukuri ngo bakizwe, nicyo gituma Imana izabohereza ubuyobe bukomeye cyane butuma bemera ibinyoma". [786]

Abahakana inyigisho z'imyuka mibi, ntibaba barwana n'abantu gusa, ahubwo baba banarwana na Satani n'abamarayika be. Baba binjiye mu rugamba bahanganyemo n'ubutware n'imbaraga z'imyuka mibi y'ahantu ho mu ijuru. Satani ntazabavirira na gato, keretse atsimbuwe n'imbaraga y'intumwa zo mu ijuru. Abantu b'Imana bakwiriye kwitegura guhangana nawe, nk'uko Umukiza wacu yabigenje, akoresheje, "Handitswe ngo". Muri iki gihe, Satani nawe ashobora gutondagura ibyanditswe nk'uko yabikoze mu gihe cya Kristo, maze akagoreka inyigisho zera kugira ngo akomeze ubushukanyi bwe. Abashaka guhagarara bashikamye muri iki gihe cy'ibigeragezo bikomeye, bakwiriye kuba basobanukiwe n'ubuhamya bwo mu Byanditswe Byera.

Benshi bazagendererwa n'imyuka y'abadayimoni, bihinduye nk'abantu babo bakundaga cyangwa incuti zabo, maze bavuge ibyo ubuhakanyi buteye ubwoba. Abo bashyitsi bazigaragaza nk'abadufitiye impuhwe kandi bakore ibitangaza kugira ngo bashyigikire imigambi yabo. Dukwiriye kwitegura guhangana nabo twitwaje ukuri kwa Bibiliya, duhamya ko abapfuye ntacyo bamenya kandi ko abo ari imyuka y'abadayimoni.

N'ukuri "isaha y'amakuba iradutegereje, ayo makuba agiye kuzakwira isi yose ngo agerageze abatuye isi."[787] Abazaba badafite kwizera gushingiye ku ijambo ry'Imana bazatsindwa. Satani arakoresha imitego yose yo gukiranirwa, kugira ngo yigarurire

785 Yesaya 8:19,20

786 2 Abatesaloniki 2:10,11

787 Ibyahishuwe 3:10

abana b'abantu, kandi imitego ye ntizacogora. Ariko ashobora gutsinda gusa ari uko abantu bamwemereye. Abashishikarira kumenya ukuri, bagaharanira kweza imitima yabo, binyuze mu kumvira, bakora uko bashoboye kose ngo bitegure iyo ntambara, bazabonera uburinzi budashidikanywa mu Mana y'ukuri. "Kuko witondeye ijambo ryo kwihangana kwanjye, nanjye nzakurinda", iryo ni isezerano ry'Umukiza. Yajyaga kohereza bidatinze buri mu marayika uvuye mu ijuru kurinda abantu bayo, aho kugira ngo umuntu umwe gusa uyiringira atsindwe na Satani.

Umuhanuzi Yesaya agaragaza igishuko giteye ubwoba kizaza ku banyabyaha kigatuma bibwira ko batazagerwaho n'urubanza rw'Imana agira ati: "Twagiranye isezerano n'urupfu, kandi twuzuye n'ikuzimu, igihe ibyago bizasandara ku isi bigahitana igihugu, ntibizatugeraho kuko twiboneye ubuhungiro mu binyoma, tukaba twihishe mu buryarya".[788] Muri iryo tsinda harimo abantu banze kwihana, nyamara bakirema agatima ubwabo ko nta gihano kizagera ku munyabyaha; ahubwo ngo abantu bose, uko ububi bwabo bwaba bungana kose, bahabwa imyanya y'icyubahiro mu ijuru , bagasa n'abamarayika b'Imana. Ariko ikirushije ibindi gutera ubwoba, ni ba bandi bagiranye isezerano n'urupfu kandi bakuzura n'ikuzimu, barwanya ukuri ijuru ryatanze ngo gukingire abakiranutsi mu gihe cy'amakuba, mu cyimbo cyako bakemera guhungira mu binyoma bya Satani, ari bwo kuyobya kw'imyuka y'abadayimoni.

Igitangaje cyane kiruhije gusobanura, ni uburyo abantu bo muri iki gihe bahumye. Abantu ibihumbi byinshi banga Ijambo ry'Imana barifata nk'iridakwiye kwizerwa maze bakakira ibinyoma bya Satani batazuyaje. Abahakanyi n'abakobanyi bannyega abizera amagambo y'intumwa n'abahanuzi, maze ubwabo bagatandukira, bahinyura ibyo Ibyanditswe Byera bivuga ku byerekeye Kristo n'inama y'agakiza, n'ingororano zizahabwa abanze ukuri. Ni abo kugirirwa imbabazi kuko bafite ibitekerezo bigufi, ni abanyantege nke, bakurikiza imigenzo kuko batamenya gukurikiza iby'Imana ishaka ngo bumvire ibyo amategeko yayo asaba. Bagaragaza cyane ibyiringiro nk'aho bagiranye isezerano n'urupfu kandi bakaba buzura n'ikuzimu- wagirango bashinze urubibi ntavogerwa hagati yabo ubwabo no guhora kw'Imana. Nta gishobora kubatera ubwoba. Nuko biyeguriye umushukanyi uko bakabaye, bifatanya nawe, bahinduka isanga n'ingoyi, maze abuzuza umwuka we, kugira ngo batabona imbaragan' icyo bashingiraho bamwigobotora.

Satani amaze igihe kirekire ategura igitero simusiga cyo kuyobya abari mu isi. Urufatiro rw'umurimo we rwatangijwe amagambo yabwiriye Eva mu murima wa Edeni ati: " N'ukuri gupfa ntimuzapfa". " Umunsi mwakiriyeho, amaso yanyu azahweza, mumere nk'imana maze mumenye icyiza n'ikibi." Buhoro buhoro akomeza gutegura inzira z'igishuko kiruta ibindi abinyujije mu myuka iyobya. Ntaragera ku musozo w'ibyo yateguye; ariko azawugeraho muri iki gihe gito gisigaye. Umuhanuzi aravuga ati: "Mbona imyuka itatu mibi isa n'ibikeri... kuko ari yo myuka y'abadayimoni ikora ibitangaza, igasanga abami bo mu isi yose ibahururize kujya mu ntambara yo ku munsi ukomeye w'Imana Ishoborabyose."[789]Uretse abazaba barinzwe n'imbaraga y'Imana, binyuze mu kwizera Ijambo ryayo, isi yose

788 Yesaya 28:15

789 Ibyahishuwe 16:13,14

izarohama muri icyo gishuko gikabije ubwoba. Abantu bihutira gusinzirira mu mutekano w'urupfu, bazakangurwa gusa no gusukwa kw'umujinya w'Imana.

Uwiteka Imana iravuga iti: "Kandi imanza zitabera ni zo nzagira umugozi ugera, no gukiranuka nzakugira nk'impinyuzarukuta," Amahindu azatsemba ibinyoma muhungiramo, kandi amazi azasendera mu bwihisho. Maze isezerano mwasezeranye n'urupfu rizapfa, kandi ubumwe mufitanye n'ikuzimu ntibuzahama, ahubwo ibyago nibisandara bigahitanya igihugu, buzabakandagirira hasi. "[790]

IGICE CYA 35
INTEGO Z'UBUPAPA

Muri iki gihe Ubupapa bw'i Roma bwuzuye n'Ubuporotesitanti cyane kuruta mu myaka ya kera. Mu bihugu bimwe aho Gatolika ifite abizera bake, kandi ubupapa bukaba bukora ibikorwa byo kwiyunga kugira ngo bwireherezeho abantu, uhasanga hari ukutita ku nyigisho zatumye amatorero y'ubugorozi atandukana n'ubutegetsi bw'ubupapa; igitekerezo gikomeje gutangwa, bagira bati, ' na mbere hose, ubu ntitugitandukanye cyane ku ngingo z'ingenzi nk'uko byari bimeze mbere, kandi akantu gato k'umwihariko kari kadutandukanyije kazatuma twumvikana na Roma. Ibyo ni igihe Abaporotesitanti bahaga agaciro gakomeye umudendezo w'umutimanama w'umuntu wari waramaze kwigarurirwa. Bigishaga abana babo ko bakwiriye kugendera kure ubupapa kandi ko gushaka kugirana ubumwe na Roma, byaba ari ukugomera Imana. Mbega uko muri iki gihe ibyo bitekerezo bitandukanye n'uko byavugwaga mbere !

Abashyigikiye Ubupapa bahamya ko itorero ryaharabitswe, kandi Abaporotesitanti bakomeje kwemera iyo mvugo. Abantu benshi bemeza ko bidakwiriye gucira urubanza itorero ryo muri iki gihe kubera ibizira n'ibidatunganye byariranze mu gihe cy'imyaka y'ubujiji n'umwijima. Basabye imbabazi z'ubwo bugome buteye ubwoba nk'ingaruka z'ibikorwa by'ubunyamaswa bwo muri icyo gihe kandi bemeza ko iterambere ryo muri iki gihe ryahinduye ibitekerezo by'itorero.

Mbese aba bantu baba baribagiwe ingingo ikomeye yari ishyizwe imbere n'ubwo bubasha bwishyize hejuru mu gihe cy'imyaka magana inani ko badashobora kugwa mu cyaha cyangwa gufudika? Nyuma y'igihe kirekire iyo mvugo iretswe, yongeye kwemezwa mu kinyejana cya cumi n'icyenda, afite imbaraga ikomeye kuruta mbere. Nk'uko Roma ibyemeza igira iti, " itorero ntiryibeshye; kandi ntirishobora kwibeshya, hagendewe ku Byanditswe, ntiriteze kuyoba",[791] ni buryo ki ryashobora kwigarika amahame yaryo yarigenze imyaka myinshi?

Itorero ry'ubupapa ntirizigera rireka guhamya ko ritibeshya. Ibyo ryakoze byose

790 Yesaya 28:17,18

791 John L. von Mosheim, Institutes of Ecclesiastical History, book 3, century11, part2, chapter 2, section9, note 17

rirenganya abahakanye inyigisho zaryo, riracyahamya ko byari mu kuri; ariko se ntirizongera gukora ibikorwa nk'ibyo ryakoze niriramuka ribonye umwanya? Mureke amategeko yashyizweho na leta z'isi akurweho maze Roma yongere gusubirana imbaraga yahoranye mbere, kandi ububyutse mu gutoteza n'akarengane yakoraga ntibizazuyaza kongera kubaho.

Umwanditsi w'ikirangirire avuga ku myitwarire y'ubutegetsi bw'Ubupapa ku byerekeye umudendezo w'umutimanama hamwe n'amakuba ateye ubwoba cyane cyane muri Leta zunze ubumwe z'Amerika atuma zitagera ku miyoborere yayo :

"Hari benshi babona ko ubutegetsi bwa Gatolika y'i Roma bufite ubwoba muri Leta zunze ubumwe za Amerika kubera uburyarya cyangwa kutagira ibitekerezo bihamye. Bene abo nta cyo babona mu mico no mu myitwarire y'Ubupapa kibangamiye uburenganzira bw'ibigo byacu byigenga, cyangwa ngo hagire ikintu kidasanzwe basanga mu majyambere yaryo. None rero, mureke tugereranye amwe mu mahame shingiro ya Leta yacu n'amahame y'itorero Gatolika.

"Itegeko nshinga rya Leta zunze ubumwe za Amerika ritanga umudendezo w'umutimanama ku muntu wese. Nta kindi kigeretseho.. Papa Pius IX, mu rwandiko rwe yandikiye abantu bose rwo ku wa 15 Kanama 1854 yaravuze ati: "Inyigisho ziteye urujijo kandi z'ibinyoma cyangwa za kinyamaswa zishyigikiye umudendezo w'umutimanama ni kirimbuzi iyobya – ni icyorezo mu bindi byose, giteye ubwoba mu gihugu.' Na none uwo Mupapa yongeye kwandika urundi rwandiko ku wa 8 Ukuboza 1864 avuma "abemeza ko umuntu akwiye umudendezo w'umutimanama n'uwo idini mu byo kuramya," hamwe n'abandi bose bashyigikiye ko itorero ridakwiriye gukoresha imbaraga. "

Ijwi ry'amahoro rya Roma muri Leta zunze ubumwe za Amerika, ntirisobanura ihinduka ry'umutima. Riba irinyambabazi aho rigaragara ko rikeneye gufashwa. Umwepisikopi witwa O'Connor aravuga ati: 'Umudendezo w'idini uzabaho by'urwiyerurutso kugeza igihe hazashobora gukorwa ikinyuranije nawo ntibigire icyo bihungabanya abanyagatolika.' Umwepisikopi mukuru w'ahitwa Mutagatifu Ludoviko yigeze kuvuga ati:"Ubuhakanyi no kutizera ni ubugome; kandi mu bihugu bya Gikristo, nko mu Butaliyana no muri Esipanye, aho abaturage bose ari Abagatolika, kandi idini Gatolika rikaba ariyo rigize umugabane w'ingenzi w'amategeko y'igihugu, ubuhakanyi no kutizera bihanirwa nk'ubundi bugome. ..."

"Umukaridinali wese, Umwepisikopi mukuru n'umwepisikopi wo mu itorero Gatolika, arahirira imbere ya Papa indahiro y'ubuyoboke, irimo amagambo akurikira: "Abahakanyi, abitandukanya n'abagomera ibyo wowe twita nyirubutungane (papa) wavuze, cyangwa ibizavugwa n'abazagusimbura, nzakora uko nshoboye kose, mbatoteze kandi mbarwanye. "[792]

Ni koko mu itorero Gatolika, harimo abakristo nyakuri. Abantu ibihumbi byinshi bo muri iryo torero bakorera Imana bakurikije umucyo wabarasiye. Ntibemerewe kwiyigisha Ijambo ry'Imana, ni cyo gituma batigenzurira ukuri. Ntabwo bigeze na rimwe babona itandukaniro riri hagati yo gusenga guturutse ku mutima wiyeguriye Imana n'ukw'icyitiriro, uko kurangiza umihango. Imana irebana imbabazi n'impuhwe nyinshi bene abo bantu, bigishijwe kwizera gufuditse kandi kudashyitse. Izohereza

792 Josiah Strong, Our Country ch. 5. p. 2-4.

imirase y'umucyo irasire mu mwijima w'icuraburindi ubagose. Izabahishurira ukuri nk'uko kuri muri Yesu, kandi benshi bazafata icyemezo giheruka cyo gufatanya n'abantu bayo.

Ariko ubugatolika bw'i Roma, bugendeye ku mategeko yabwo bwite, muri iki gihe ntibuvuga rumwe n'ubutumwa bwiza bwa Kristo nko mu bihe byabwo bya kera. Amatorero y'Abaporotesitanti ari mu mwijima w'icuraburindi, kandi bari bakwiriye kugenzura neza ibimenyetso by'ibihe. Itorero Gatolika ry'i Roma, ntiriragera ku mugambi wo gusohoza imigambi n'uburyo bw'imikorere byaryo. Rirakoresha uburyo bwose kugira ngo rimenyekane hose kandi rigwize imbaraga zaryo mu gihe ryitegura intambara ikomeye yo kongera gutegeka isi yose, kugira ngo ribone uko ryongera kurenganya no gukumira ibyo Ubuporotestitanti bwigisha. Itorero Gatolika rikomeje kwitabirwa impande zose. Imibare ya za Kiliziya n'insengero ntoya birarushaho kwiyongera cyane mu bihugu bya Giporotesitanti. Murebe kwamamara kw'amashuri n'ibigo by'amahugurwa byabo byiganje muri Amerika, kandi abigishwa bagwiriyemo ni Abaporotesitanti. Reba ubwiyongere bw'imihango y'idini yabo mu Bwongereza n'uburyo bakomeje gutandukira ngo bashyikire Gatolika. Ibi byose bikwiriye guhwitura abazi agaciro k'amabwiriza nyakuri y'ubutumwa bwiza.

Abaporotesitanti bifatanyije kandi bivanga n'ubupapa; bagiranye amasezerano ndetse babegurira ububasha kugeza aho Abagatolika nabo ubwabo bibatangaza ndetse bananirwa kubyiyumvisha. Abantu barasinziriza ngo badasobanukirwa imico n'imyifatire bya Roma n'akaga kagiye guterwa n'isumbwe ryayo. Abantu bakeneye gukangurwa hakiri kare kugira ngo barwanye uwo mwanzi uteye ubwoba w'umudendezo w'abizera Imana n'uw'abantu muri rusange.

Abaporotesitanti benshi bibwira ko idini Gatolika ritareshya abantu kandi ko gusenga kwabo kugizwe n'imigenzo gusa, nta busobanuro gufite. Aha barishuka. N'ubwo inyigisho z'i Roma zishingiye ku binyoma, ntabwo ari igishyinga cy'ubushukanyi cyitaruye. Gahunda yo gusenga mu itorero Gatolika ry'i Roma, ni imihango itangaje cyane. Ukwigaragaza guhebuje n'imigenzo byaryo byakuruye intekerezo z'abantu, kandi bicecekesha ijwi ry'umutimanama wabo. Rireshya amaso. Insengero z'agahozo, imitambagiro ihoraho, intambiro z'izahabu n'imitamirizo byo muri za Kiliziya nyinshi, amabara atatse, n'ibishushanyo bimanitse, byose bikurura amaso n'ibitekerezo by'abakunzi b'ibisa neza. Amatwi nayo ahugira kumva. Muzika ni agahebuzo ntacyo wayigereranya. Amajwi ahuje y'inanga z'amoko menshi aherekejwe n'injyana igizwe n'amajwi menshi, arangirira mu minara ya za Kiliziya nini cyane, ibyo byose bigatwara intekerezo z'abaramya maze bakubaha.

Uko kurabagirana kw'inyuma, kwigaragaza n'imigenzo bikwena imitima irembejwe n'ibyaha, ni igihamya cy'ububore bw'imbere. Idini ya Kristo ntikeneye bene ibyo birangaza, ngo ikunde yemerwe. Mu mucyo urasa uturutse ku musaraba gusa, niho ubukristo nyakuri bugaragarira ko buboneye kandi bunejeje abantu bose, ko budakeneye imirimbo y'inyuma ngo bukunde bwerekane agaciro kabwo. Ubwiza bwo kuzira inenge, kwicisha bugufi n'umutima wo gutuza, nibyo bifite agaciro imbere y'Imana.

Gushashagirana si byo kimenyetso cyo kubonera, n'ibitekerezo bihanitse. Imyumvire yo mu rwego rwo hejuru, kwigwandika no kwihwereza, kenshi biba mu ntekerezo no mu byumviro by'ab'isi. Kenshi ibyo bikoreshwa na Satani kwibagiza

abantu iby'ingenzi imitima yabo ikeneye, ntibabone uko ahazaza hazaba hameze, bikabemeza ko ubugingo budapfa, bakanamuka ku Umufasha wabo uhebuje byose, ibyiringiro byabo bikagarukira kuri iyi si honyine.

Idini y'ibigaragara inyuma ireshya gusa imitima itarabyawe ubwa kabiri. Gahunda n'imigenzo yo gusenga by'itorero Gatolika, bifite imbaraga ziyobya abantu benshi; kugeza n'aho bemera ko iryo torero ry'i Roma nk'irembo ry'ijuru. Nta n'umwe usibye gusa abahagaze bashikamye ku rufatiro rw'ukuri, imitima yabo ikemera kugira mishya na Mwuka Muziranenge, nibo batazemera gutwarwa n'ibikorwa byaryo. Ibihumbi byinshi by'abantu batimenyereje kubana na Kristo, bazahururira kwizera ibindi bijya kumera nk'Imana nyamara ari nta mbaraga bifite. Bene iyo dini ni yo rubanda nyamwinshi bifuza.

Itorero rihamya ko rifite uburenganzira bwo kubabarira abantu ibyaha, ryatumye abagatolika bumva bafite umudendezo wo gukora ibyaha; kandi itegeko ryo kwicuza ibyaha rigendana no kubabarirwa, naryo risa n'irimara impungenge zo gukora ibibi. Upfukamira umuntu wacumuye, akemera kwicuza ibyaha amumenera amabanga ye n'ibyo atekereza mu mutima we, aba yiyononnye kandi atesheje agaciro ibyo atekereza mu mutima we byose. Kumenera umutambyi ibanga ry'ibyaha umuntu yakoze mu mibereho ye - nk'impabe, umunyabyaha upfa, ndetse kenshi na kenshi yabaswe n'ibisindisha no kutirinda – uwo muntu imico mbonera ye ijya ku rwego rugayitse, kandi ingaruka ni ukwangirika. Uko atekereza Imana abishyira ku rwego atekereza umuntu waguye mu cyaha, bitewe n'uko umutambyi aba ari mu cyimbo cy'Imana. Uko kwihana ibyaha umuntu yihana ku wundi muntu, ni isoko ikomokamo ibibi byinshi byangiza isi kandi biyitegurira kurimbuka guheruka. Nyamara abakunda kwinezeza, bashimishwa no kwaturira ibyaha byabo mugenzi wabo ufite kamere ipfa, kuruta gukingurira Imana imitima yabo. Birushaho kuryohera kamere muntu kwicuza ibyaha kuruta kubyihana no kubireka; biroroshye kubabarisha umubiri kwambara ibigunira no kwisiga ivu no kwibohesha iminyururu kuruta kubamba irari ry'umubiri. Umutwaro uremereye ni uwo umutima wa kamere wifuza kwikorera kuruta gucishwa bugufi n'uwo Yesu.

Hari isano ikomeye iri hagati y'itorero ry'i Roma n'itorero ry'Abayuda ryo mu gihe Yesu yazaga bwa mbere. N'ubwo Abayuda bakandagiraga amategeko y'Imana mu ibanga, ku mugaragaro berekanaga ko bayakomeza cyane ndetse ku giti cyabo bakongeraho n'undi mugereka w'umwihariko wo kuyakabiriza n'imigenzo yabo aribyo byatumye kuyakomeza bihinduka bigorana kandi biba umutwaro uremereye. Nk'uko Abayuda bavugaga ko bakomeza amategeko, n'itorero rya Roma rivuga ko ryubaha umusaraba. Baha ikuzo ikimenyetso cy'umubabaro wa Kristo, ariko mu bugingo bwabo bagahakana Uwo cyerekezaho.

Ubupapa bwujuje imisaraba muri kiliziya zabo, ku ntambiro no ku myambaro yabo. Ahantu hose uhasanga ikimenyetso cy'Umusaraba. Ahantu hose umusaraba uri harubahwa kandi hagahabwa ikuzo. Ariko inyigisho za Kristo zo bazihambye hagati y'imihango itagira umumaro, ubusobanuro bw'ibinyoma n'imigenzo idashyitse. Amagambo y'Umukiza yerekeye Abayuda b'abiyemezi cyane, akoreshwa no ku bayobozi b'itorero Gatolika b'i Roma: "Bahambirira abantu imitwaro iremereye bakayibashyira ku ntugu nyamara bo bakaba batakwemera kuyikozaho n'urutoki."[793] Abantu bafite ibitekerezo bitunganye, bashyirwaho iterabwoba ryo guhora batinya umujinya w'Imana bacumuyeho, igihe benshi mu banyacyubahiro mu itorero bidamarariye mu munezero w'ibyaha.

Gusenga ibishushanyo n'imibiri y'abapfuye, kwiyambaza abatagatifu, no guha Papa ikuzo, ibyo byose ni ubuhendanyi bwa Satani bwo kuvana ibitekerezo by'abantu ku Mana no ku Mwana wayo. Kugira ngo abageze mu irimbukiro, yihatira gukura intekerezo zabo k'Uwo bashobora kuboneramo agakiza gusa. Aberekeza ku kintu cyose cyashobora gusimbura Uwavuze ati:"Mwese abarushye n'abaremerewe, nimuze munsange mbaruhure." [4]

Satani akorana umwete mwinshi kugira ngo agaragaze imico y'Imana uko itari, kamere y'icyaha, n'ipfundo nyakuri ry'intambara ikomeye. Ubuhanga bwe bupfobya icyo amategeko mvajuru asaba maze bugaha abantu uburenganzira bwo gukora icyaha. Nanone kandi, atuma abantu bagira imyumvire ipfuye ku Mana kugira ngo bayitinye kandi bayange aho kuyikunda. Ubugizi bwa nabi Satani asanganywe mu mico ye, abwikuraho maze akabugereka ku Muremyi; ibyo abikora mu rwego rw'idini maze bigasohozwa mu buryo bwo kuramya. Nuko ubwenge bw'abantu bukarindagira, maze Satani akabagira ingabo ze zirwanya Imana. Kubwo kugoreka imico y'Imana, amahanga ya gipagani yaboneyeho kwizera ko ari ngombwa gutamba ibitambo by'abantu kugira ngo Imana ibemere; maze ubugome buteye ubwoba bugakorwa bitwaje uburyo bunyuranye bwo gusenga ibigirwamana.

Itorero Gatolika ry'i Roma ryahuje imigenzo ya gipagani n'iya gikristo, nk'uko itorero rya gipagani ryabigenje, ryerekana imico y'Imana uko itari, ryibanda ku bikorwa bikabije ubugome kandi biyobya. Mu gihe Roma yashyirwaga hejuru bikomeye, hari ibikoresho byakoreshwaga mu iyica rubozo kugira ngo abantu bemere inyigisho za Roma ku gahato. Hari harateguye igiti gisongoye cyo gutwikiraho abatemera amahame yabo. Bateguraga ubwicanyi bw'indengakamere utashobora gusobanura kugeza ubwo buzerekanwa ku munsi w'urubanza. Abanyacyubahiro bo mu itorero, bayobowe na Shebuja Satani bigishijwe guhimba uburyo bwose bukomeye bwo kwica urubozo kandi badahorahoje abatemera inyigisho zabo. Inshuro nyinshi, gushinyagurira abantu byakomezaga gukorwa kugeza aho umuntu ananirwa kubyihanganira, maze akanamuka, akageza aho abona ko gupfa ari byo byiza.

Uko niko abahakanaga inyigisho za Roma bagenzwaga. Naho abizera babo bo bahanishwaga gukubitwa imikoba, ubundi bakabicisha inzara, bagahanishwa kubabaza imibiri yabo uburyo bwose babona ko bwabababaza umutima. Kugira ngo bahamye neza ko ijuru ribemeye, abicuzaga ibyaha bicaga amategeko y'Imana, bica amategeko y'ibyaremwe. Bigishwaga guca imirunga yashyizweho n'Imana guhesha imigisha no kunezeza abantu igihe bakiri ku isi. Amarimbi yuzuragamo miliyoni nyinshi z'abazize kumara igihe cyabo ku isi bibabaza ngo bikuremo ibyo kamere irarikira no kubicubya, nk'aho ibyo bibatera gucumura ku Mana, no kwikuramo intekerezo n'amarangamutima ayo ariyo yose atuma batekereza bagenzi babo.

Niba twifuza gusobanukirwa neza ubugome bwa Satani bwakozwe mu gihe cy'imyaka amagana menshi, budakozwe n'abatarigeze kumenya Imana, ahubwo

793 Matayo 23:4

794 Matayo 11:28

bukaba bwarakozwe n'abakristo bakoreshejwe n'abakristo, dukwiriye gusa kureba amateka y'itorero rya Roma. Muri ubwo buhendanyi bukomeye kandi bunyuranye nimwo umutware w'ibibi byose asohoreza umugambi we wo gusebya Imana no guheza umuntu mu butindi. Kandi nk'uko tubona uko Satani ashobora kwiyoberanya, agasohoza umugambi we yifashishije abayobozi b'itorero, dushobora gusobanukirwa neza impamvu arwanya Bibiliya cyane. Iki Gitabo nikiramuka gisomwe, imbabazi n' urukundo by'Imana bizahishurwa; bizagaragara ko Imana itagira n'umwe yikoreza umutwaro uremereye. Nta kindi idusaba uretse umutima umenetse, ushenjaguwe, wicisha bugufi, n'umwuka wo kumvira.

Nta cyitegererezo Yesu yadusigiye mu mibereho ye cy'uko abagabo n'abagore bakwiriye kwifungiranira mu mazu y'abihaye Imana, ngo babone kuba babonereye kujya mu ijuru. Ntaho yigeze yigisha ko urukundo n'imbabazi bikwiriye kugira ikindi kintu kibisimbura. Umutima w'Umukiza wahoraga usabwe n'urukundo. Uko umuntu arushaho kwegera ubutungane mu bya mwuka, ni ko intekerezo ze zihumuka, uko arushaho gusobanukirwa icyaha ni nako yimbika mu kugirira impuhwe ubabaye. Papa yiyise uhagarariye Kristo ku isi; ariko se ni buryo ki imico ye igereranywa n'iy'Umukiza wacu? Mbese hari abo Yesu yigeze ashyira mu nzu y'imbohe cyangwa ngo bababazwe kubera ko batamuhaye icyubahiro nk'Umwami w'ijuru ? Mbese hari uwigeze kumva ijwi rye acira abantu urubanza rwo gupfa kubera ko batamwemeye ? Igihe abaturage bo mu mudugudu wa Samariya bamwirukanaga bakanga kumucumbikira, intumwa Yohana yararakaye, iramubaza ati, "Nyagasani urashaka ko dutegeka umuriro ngo uve mu ijuru ubatsembe bose bashireho nk'uko Eliya yabigenje? Yesu yarebye abigishwa be yumva abababariye, maze acyaha uwo mwuka mubi wari ubarimo ati "Umwana w'umuntu ntiyaje kurimbura abantu, ahubwo yazanywe no kubaha ubugingo."[795] Mbega ukuntu umutima wa Kristo utandukanye cyane n'uwo uwiyitaga ko amuhagarariye ku isi!

Muri iki gihe itorero ry'i Roma ryerekana uruhande rwiza imbere y'amahanga, ariko rikikingiriza gusaba imbabazi kubwo ubugome buteye ubwoba rizwiho. Ryiyambika imyambaro ya gikristo; nyamara ntiryahindutse. Amahame yose ubupapa bwagenderagaho mu bihe byashize buracyayakurikiza na bugingo n'ubu. Nan'ubu riracyagendera ku nyigisho ryihimbiye mu gihe cy'umwijima. Ntihakagire umuntu wishuka. Ubwo bupapa, ubu Abaporotesitanti biteguye gupfukamira ni bumwe na bwa bundi bwategekaga isi mu gihe cy'Ubugorozi, igihe abantu b'Imana bahagurukiraga icyarimwe, bigatuma bahara amagara yabo, bagashyira ahagaragara ubugome bwaryo. Ubupapa buracyafite ubwibone no kwishyira hejuru bwategekeshaga abami n'ibikomangoma buvuga ko buhwanye n'Imana. Itorero ntiryagabanyije ubugome bwaryo cyangwa gutegekesha igitugu kuruta mu gihe bwasiribangaga ubudendezo w'ikiremwa muntu, bukamarira ku icumu abera b'Isumbabyose.

Ubupapa buhwanye rwose n'uko ubuhanuzi bubuvuga ko ari bwo buzaba ubuhakanyi bukomeye bwo mu bihe biheruka. Kwerekana imico yatuma bugera ku mugambi wabwo neza; ni rimwe mu mategeko abugenga; ariko muri uko kwihinduranya nk'uruvu, buhisha ubumara budahinduka nk'ubwo inzoka. Baravuga

795 Luka 9:54,56

bati "Kwizera ntikugomba kugirwa n'abahakanyi, haba n'abakekwaho kugira ubuhakanyi."[796] Mbese ubwo bubasha bumaze imyaka ibihumbi bwanditswe ho amaraso y'abera, bwakwemerwa bute muri iki gihe kuba mu bagize itorero rya Kristo ?

Hari impamvu ituma ibihugu by'Abaporotesitanti bivuga ko Ubugatolika butagitandukanye cyane n'Ubuporotesitanti muri iki gihe nko mu bihe bya kera. Hari icyahindutse, nyamara ntacyo ubupapa bwahindutseho. Ubugatolika busa cyane n'Ubuporotesitanti bwo muri iyi minsi, kuko Ubuporotesitanti bwaretse umurongo bwatangiranye mu bihe by'Abagorozi.

Nk'uko amatorero ya Giporotesitanti yakomeje gushaka icyubahiro mu isi, urukundo rw'urumamo rwabahumye amaso. Bizeye ko hari icyiza gishobora guturuka mu kibi, maze ku iherezo ingaruka zabaye kubona ikibi kiganje icyiza. Aho guhaguruka ngo baharanire ukwizera kwahawe abakiranutsi, ubu bameze nk'uko bahoze, basaba Roma imbabazi kubera kutifatanya na yo, bakagira uburyarya.

Umubare munini w'abatemera Roma, ntubona ububi bw'ububasha bwayo n'ingaruka z'inyigisho zayo. Benshi bahamya ko umwijima w'iby'umwuka n'uw'iby'ubwenge waranze amateka y'Uburayi hagati y'ikinyejana cya gatandatu n'icya cumi na gatandatu wagize uruhare mu gukwiza amahame yabo, imigenzo yabo, n'agahato kabo, kandi ubuhanga buhanitse bwo mu gihe cyakurikiyeho, gusakara k'ubwenge no kwamamara k'ukwishyira ukizana mu bijyanye n'idini, byahaye urwaho izo nyigisho n'ikandamiza. Mu by'ukuri, kwibwira ko ibyabayeho icyo gihe byakongera kubaho no mu gihe cyacu, ni urukozasoni. Ni iby'ukuri koko k'umucyo mwinshi, wo kujijuka mu by'ubwenge, mu by'ubuhanga, no mu by'umwuka, wamurikiye ab'iki gihe. Mu mpapuro z'Igitabo Cyera cy'Imana gihora kibumbuye, umucyo uvuye mu ijuru warasiye isi yacu. Nyamara dukwiriye kwibuka ko, uko umucyo urushaho gukwira, ni nako umwijima ukomeye w'abashaka kuwuzimya no kuwuhakana urushaho kwiyongera.

Kwiga Bibiliya usenga, nibyo byakwereka Abaporotesitanti imico nyakuri y'Ubupapa maze bikabatera kubugirira amakenga no kubuzibukira; ariko benshi biringiye ubwenge bwabo kuburyo bumva badakeneye kwicisha bugufi ngo bashake Imana, kugira ngo bashobore kugendera mu kuri. Nubwo bafite ubwibone bw'umucyo wabarasiye, ni injiji haba mu Byanditswe Byera haba no kubyerekeye ubushobozi bw'Imana. Kubwo gushaka bimwe mu buryo bwo kwirema agatima, bishakira ibintu byoroheje mu bya mwuka kandi bitababatesheje agaciro. Icyo bifuza ni uburyo bwatuma bibagirwa Imana ariko bakagaragara nk'abatarayiretse. Ubupapa bwakoze ibishoboka ngo bugere kuri ibyo byose. Mu myigishirize yabo, biteganyijwe ko hafi y'abatuye isi, hari amatsinda abiri y'abantu: abashaka gukizwa kubera ubutungane bwabo; n'abandi bashaka gukirizwa mu byaha byabo. Ngaha rero ahari ibanga ry'ububasha bw'ubupapa.

Amateka yerekana ko ibihe by'umwijima ukomeye mu by'ubwenge byafashije ubupapa kugera ku ntego yabwo. Bigaragara na none ko mu bihe bizaza, umucyo ukomeye mu by'ubumenyi nawo uzabufasha kugera ku cyo bwifuje. Mu myaka yashize, ubwo abantu bari babayeho batagira Ijambo ry'Imana kandi bataramenya

796 Lenfant, volume I, page 516

ukuri, amaso yabo yari ahumye, ibihumbi byinshi by'abantu bafatiwe mu mitego ya Roma, batabona ikigoyi batezwe mu nzira banyuramo. Muri ibi bihe, amaso ya benshi arimo ibikezikezi bitewe n'intekerezo z'abantu zinyuranye ari byo "bumenyi bw'ibinyoma,"ntibabasha kugenzura imitego, maze bakayigenderamo nk'aho bamaze guhinduka impumyi. Imana yagenwe ko ubwenge bw'umuntu bufatwa nk'impano yahawe n'Umuremyi we, kandi bugakoreshwa mu guharanira ukuri no gukiranuka; ariko igihe ubwibone no kwikuza bishyizwe imbere, maze abantu bakarata inyigisho zabo kuzirutisha Ijambo ry'Imana, ubwenge bwabo buzangiza ibintu byinshi kurusha ubujiji bwabo. Uko niko ingirwabwenge bwo muri iyi minsi butesha agaciro ukwizera kwa Bibiliya, buhinduka igihamya gitegura inzira zo kwemera ubupapa n'imigenzereze yabwo yose, nk'uko ubujiji bwo mu gihe cy'umwijima bwugururiye amarembo kwikuza kwa Roma.

Mu bikomeje gukorwa mu ikangura ryo muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika, ibigo n'ibindi bikorwa by'itorero byitabaza inkunga ya Leta, kandi Abaporotesitanti bakomeje kugera ikirenge mu cy'ubupapa. Ibirenze ibyo, bugururira amarembo ubupapa kugira ngo bugire ikuzo muri Amerika y'Abaporotestanti, iryo bwari bwaraburiye mu Burayi. Ikindi cyahaye ingufu zikomeye iryo kangura, ni umugambi w'ibanze wo gushyiraho itegeko ryo kuruhuka ku munsi wa mbere w'icyumweru – ukaba ari umugenzo ukomoka i Roma, kandi wemerwa nk'ikimenyetso cy'ubutegetsi bwa Roma. Ni umwuka w'ubupapa, ukomoka mu migenzo y'abapagani, wo gukomeza imigenzo y'abantu aho gukomeza amategeko y'Imana - winjijwe mu matorero y'Abaporotesitanti, maze ukayatera gukora umurimo umwe n'uwo abaramya ku munsi wa mbere w'icyumweru , aribyo ubupapa bwakoze mbere yabo.

Niba umusomyi yifuza gusobanukirwa n'uburyo buzakoreshwa mu minsi ya vuba, akwiriye gusoma amateka y'ibyakozwe na Roma mu binyejana byashize. Niba ashaka kumenya uko ubupapa n'ubuporotesitanti bifatanyije bizagenza abanga gukurikiza inyigisho zabo, narebe umwuka Roma yakoresheje yanga Isabato n'abayikomeza.

Amateka yaciwe n'abami, imyanzuro y'inama z'abayobozi bakuru b'itorero, n'amabwiriza yatanzwe n'itorero bishyigikiwe n'ubutegetsi bw'isi, nibwo bwari uburyo umunsi w'ibirori by'abapagani wahabwagamo umwanya w'icyubahiro mu itorero rya Gikristo. Itegeko ryo guhatira abantu kuruhuka ku munsi wa mbere w'icyumweru (Dimanche) ryashyizweho bwa mbere n'Umwami Konsitantine mu mwaka wa 321 nyuma ya Kristo. Iryo teka ryasabaga ko abatuye mu mudugudu bose baruhuka ku "munsi wahariwe gusenga izuba', ariko rikemerera abaturage bo mu byaro gukomeza imirimo yabo y'ubuhinzi. N'ubwo ryari itegeko rya gipagani, ryashyizweho umukono kandi ritangazwa n'Umwami w'abami Konstantine, amaze kwitirirwa ubukristo.

Amaze kubona ko itegeko ry'Umwami ridahagije kuba ryasimbura ububasha bw'Imana, Ewusebiyusi(Eusebius), umwepisikopi mukuru w'i Kayisariya, washakaga kwemerwa n'ibikomangoma, kandi akaba inshuti idasanzwe n'umujyanama wa Konsitantine, yatanze igitekerezo cy'uko Isabato, ariwo munsi wa karindwi, Kristo yayihinduyemo Icyumweru (umunsi wa mbere w'icyumweru). Nyamara ariko, nta buhamya na bumwe yashoboye kubona mu Byanditswe Byera bwemeza izo nyigisho nshya. Eusebius ubwe, n'ubwo atabishakaga, yemeye ko atari ukuri kandi

yerekana ba nyiri iyo mpinduka. Aravuga ati, "Ibintu byose byagombaga gukorwa ku munsi w'Isabato, "twabyimuriye ku munsi w'Umwami".[797] N'ubwo igitekerezo cy'umunsi wa mbere w'icyumweru nta shingiro cyari gifite, cyakoreshejwe mu gutinyura abantu kuribata Isabato y'Uwiteka Nyiringabo. Abifuje bose icyubahiro cyo mu isi, bahisemo iminsi mikuru ya gipagani.

Uko ubupapa bwakomeje gushinga imizi, niko n'umunsi w'Icyumweru wakomeje guhabwa ikuzo. Nyuma y'igihe gito, abaturage bakomeje imirimo yabo y'ubuhinzi, igihe babaga batagiye mu rusengero, maze umunsi wa karindwi ukomeza gufatwa nk'Isabato. Ariko ihinduka rigakorwa buhoro buhoro. Abakozi bo mu nkiko babujijwe guca imanza z'abaturage ku munsi wa mbere w'icyumweru. Nyuma ho gato, abantu bose, mu nzego izo arizo zose, bategekwa kureka imirimo yose, maze abakoze ku cyumweru, abatari inkoreragahato bagacibwa ibihano naho abagaragu bagahanishwa gukubitwa ibiboko. Nyuma y'aho, haje gutangwa itegeko ko abakire bazagira umurimo wose bakora ku cyumweru bazahanishwa igihano cyo kunyagwa kimwe cya kabiri cy'umugabane w'ubutunzi bwabo; maze batava ku izima, bakazahindurwa inkoreragahato. Abakene bo hasi bagombaga gucibwa mu gihugu buheriheri.

Hakurikiyeho kwitabaza ibitangaza by'ibihimbano. Muri ibyo bitangaza havuzwemo icy'umugabo umwe ngo wagiye mu murima guhinga ku cyumweru afata icyuma cyo guhanagura igitaka ku isuka ye, cya cyuma ngo kimushinga mu kiganza, akimarana imyaka ibiri akigendana "aribwa cyane kandi afite isoni nyinshi"[798].

Nyuma y'aho, Papa yategetse abapadiri bayobora paruwasi ko bagomba guhana bihanukiriye abazazirura Icyumweru, bakabatumira kujya kuvuga amasengesho muri Kiliziya kugira ngo batihamagarira imivumo ubwabo hamwe n'abaturanyi babo. Inama nkuru y'amatorero yashyigikiye icyo gitekerezo ivuga ko n'abaporotesitanti byababayeho kenshi, bitewe n'uko hari abantu bakoze ku cyumweru maze bakubitwa n'inkuba. Niyo mpamvu uwo munsi koko ugomba kuba uw'Isabato. Abayobozi b'amatorero baravuga bati, Ibyo bigaragaza "uburyo Imana yarakariye bikabije abantu bazirura uwo munsi." Abatambyi, abapasitoro, abami, ibikomangoma, n'abizera bose, bongeye kurarikirwa "gukora uko bashoboye kose, kugira ngo uwo munsi uziririzwe nk'uko biwukwiriye, kandi nk'uko binakwiranye n'ubukristo, maze mu idini uwo munsi ukaziririzwa no mu bihe bizaza".[799]

Kuko amategeko-teka y'inama nkuru z'idini atari ahagije, ubutegetsi bwa Leta bwasabwe gushyiraho itegeko-teka ry'iterabwoba rizakura abantu imitima, rikabahatira guhagarika imirimo ku Cyumweru. Mu nama nkuru yabereye i Roma, imyanzuro yose yari yarashyizweho mbere yongeye kwemezwa, kandi barushaho kuyashyiramo umurego. Maze iyo myanzuro bayongera mu mubare w'amategeko y'idini n'aya Leta asanzwe mu bihugu byose bya Gikristo.

Kugeza na n'ubu kubura kw'ibihamya byo mu Byanditswe Byera bishyigikira umunsi w'icyumweru bikomeje gutera ingorane zikomeye. Abantu bakomeje kwibaza aho abigisha babo bakuye ububasha bwo gukuraho itegeko nyakuri rya

797 Robert Cox, Sabbath Laws and Sabbath Duties, page 538

798 Francis West, Historical and Practical Discourse on the Lord›s Day, p.174

799 Thomas Morer, Discourse in Six Dialogue on the Name, Notion, and Observation of the Lord›s Day, page 271

Yehova wavuze ati "Umunsi wa karindwi niwo Sabato y'Uwiteka Imana yawe, " kugira ngo baziririze umunsi w'izuba. Mu rwego rwo gusimbuza ubuhamya bwo mu Byanditswe Byera badashobora kubona, byabaye ngombwa kwiyambaza amagambo y'abantu. Nko mu iherezo ry'ikinyejana cya XII, Umuvugizi w'umunyamwete w'ibyo kuruhuka ku cyumweru yasuye amatorero yo mu Bwongereza, ahurirayo n'abahamya b'ukuri bahangana nawe; maze umuhati we umubera impfabusa ava muri icyo gihugu asubira iwabo yirukananywe inyigisho ze. Ubwo yagarukagayo, yaje afite ibyo yishingikirizaho, maze nyuma y'umurimo we, abona umusaruro wamushimishije. Yari agarukanye umuzingo w'igitabo avuga ko wamanutse mu ijuru ku Mana ubwayo, cyari cyanditswemo amabwiriza yo kuruhuka ku munsi wo ku Cyumweru, kandi atera ubwoba abatemeraga kuryubahiriza. Icyo gitabo cy'agaciro - cy'ishingiro ry'ibinyoma gusa nk' uko itorero gishyigikiwe riri - bakwije inkuru ko cyamanutse mu ijuru kikagwa mu Rusengero rw'i Yerusalemu, ku ruhimbi rwa Mutagatifu Simiyoni i Gologota. Ariko mu by'ukuri, inkomoko yacyo ni i Roma kwa Papa, aho ibinyoma n'ibihimbano byose bigamije gukuza no gukungahaza itorero, byakomeje guhabwa agaciro n'ubuyobozi bw'ubupapa uko bwagiye busimburana.

Uwo muzingo wari wanditswemo itegeko ribuzanya gukora imirimo guhera ku isaha ya cyenda y'umugoroba ku Isabato, kugeza ku wa kabiri w'icyumeru (Monday) izuba rirashe; kandi ububasha bwawo bwahamijwe n'ibitangaza byinshi. Bavugaga ko abantu bagiraga imirimo bakora muri ayo masaha yabuzanyijwe, bararemaraga. Umugabo wagerageje gusya ingano, mu cyimbo cyo kubona ifu, yabonye mu mashini ye hasohokamo umuvu w'amaraso, maze uruziga rw'imashini rurahagarara n'ubwo hari harimo amazi menshi yayikoreshaga. Umugore yatetse umugati, agiye kuwarura asanga utahiye kandi iziko rishyushye cyane. Undi wari wateguye guteka umugati ku isaha ya cyenda, ariko hanyuma yiyemeza kuzawuteka ku wa kabiri w'Isabato, ku munsi wakurikiyeho yasanze umugati uhiye wahishijwe n'imbaraga yo mu ijuru. Umuntu watetse umugati nyuma y'isaha ya cyanda ku munsi w'Isabato, bukeye mu gitondo agiye kuwumanyagura, asanga uratembamo amaraso. Kubera ibyo bihimbano n'imyizerere ishingiye ku bupfumu, abavugizi b'icyumweru (Dimanche) bahirimbanira kukigira umunsi Muziranenge .[800]

Muri Ekose, kimwe no mu Bwongereza, bishimiye icyumweru kuko bafashe umugabane wacyo bakawunga ku mugabane ubanza w'i Sabato ya kera. Ariko igihe cyagombaga kwezwa nicyo cyahindutse. Iteka ryaciwe n'Umwami wa Ekose ryavugaga ko "Ku Isabato guhera ku isaha ya cumi n'ebyiri z'amanywa, agomba gufatwa nk'amasaha yera", ko nta muntu n'umwe, guhera kuri iyo saha kugeza ku wa kabiri w'Isabato mu gitondo, ukwiriye kugira umurimo w'isi akora.[801]

Nyamara n'ubwo bakoresheje imbaraga kugira ngo icyumweru kibe umunsi muziranenge, abapapa ubwabo bemeraga ku mugaragaro ko Isabato yashyizweho n'Imana, kandi bakemera ko yakuweho n'umuntu. Mu kinyejana cya cumi na bitandatu, inama nkuru y'ubupapa yashyize ku mugaragaro itegeko rivuga ngo, "Abakristo bose bibuke ko umunsi wa karindwi wejejwe n'Imana, kandi warakiriwe uranakomezwa, bitari ku Bayuda gusa, ahubwo wanakomejwe n'abantu bose

800 Roger de Hoveden, Annals, vol.2, pp 528-530
801 More, pages 290, 291

baramya Imana; n'ubwo twebwe abakristo, twahinduye Isabato yabo tukayishyira ku munsi w'Umwami wacu." Abakinisha kugomera itegeko ry'Imana, ntabwo bari bayobewe icyo bakora icyo ari cyo. Ubwabo bishyize hejuru y'Imana ku bushake.

Amategeko ya Roma ajyanye n'uko bagenzaga abo batavugaga rumwe, yashyizwe mu bikorwa mu cyitegererezo gikomeye batanze cyo gukomeza kuvusha amaraso bamwe mu Abawalidensi bakomezaga Isabato, barenganywa mu buryo buteye ubwoba. Abandi nabo bababajwe mu buryo nk'ubwo bazira kuba indahemuka ku itegeko rya kane. Amateka y'itorero mu gihugu cya Etiyopiya na Abisiniya abisobanura neza. Hagati mu myaka y'umwijima, Abakristo bo muri Afrika yo hagati babaye nk'abibagiranye ku isi, maze hashira ibinyejana byinshi banejejwe n'umudendezo bafite wo guhamya kwizera kwabo. Ariko ku iherezo, Roma yaje kwibuka ko nabo babaho, kandi Umwami w'abami w'Abisiniya aherako yemera ububasha bwa Papa ko ari umusimbura wa Kristo ku isi. Nuko amatorero akurikiraho. Hashyizweho itegeko ribuzanya kuruhuka Isabato kandi riteganya ibihano bikomeye ku batazarikurikiza.[802] Ariko bidatinze, uburetwa bw'ubupapa buhindukira Abanyabisiniya ingoyi ikomeye kugeza ubwo bafata icyemezo cyo kuyigobotora. Nyuma y'intambara itoroshye, Itorero rya Roma riratsindwa rivanwa ku butegetsi, maze imyizerere yariho mbere igarurwa mu mwanya wazo. Amatorero yanejejwe n'uwo mudendezo, kandi ntibigeze bagirwa isomo bakuye mu bushukanyi, ubwaka, no gukabya bya Roma. Muri uko kubaho ukwabo, banyuzwe no gusigara ari intamenyekana mu bindi bihugu bya Gikristo.

Amatorero yo muri Afurika yakomezaga Isabato nk'uko itorero Gatolika ryayikomezaga mbere yuko ryinjira mu buhakanyi nyakuri. Igihe bakomezaga umunsi wa karindwi bumvira itegeko ry'Imana, barekaga no kugira imirimo bakora ku wa mbere w'iminsi irindwi (Dimanche) nk'uko byari umuco w'itorero. Bamaze kumva bafite ububasha bukomeye, Roma yasiribanze Isabato y'Imana igamije kwikuza; ariko amatorero yo muri Afurika akomeza kubyikinga hashira imyaka hafi igihumbi atarafatanya na Roma muri ubwo buhakanyi. Ubwo bari munsi y'ubutegetsi bw'i Roma, bahatiwe kureka Isabato y'ukuri bakomeza iy'ibinyoma; ariko bitinze babonye ubwigenge maze bagaruka ku kumvira itegeko rya kane.

Ibyabaye mu gihe cyahise byerekana neza urwango Roma ifitiye Isabato y'ukuri n'abayikomeza n'uburyo ikoresha kugira ngo iheshe ikuzo umuhango yishyiriyeho. Ijambo ry'Imana ryigisha ko ibyo bizongera kubaho, ubwo ubupapa n'ubuporotesitanti bizihuza kugira ngo bahatire abantu kuruhuka ku munsi wa mbere w'icyumweru (dimanche).

Ubuhanuzi bwo mu Byahishuwe 13 bwerekana ko ububasha bugaragazwa n'inyamaswa y'amahembe nk'ay'umwana w'intama buzahatira "isi n'abayituye bose," kuramya ubupapa bushushanywa n'inyamaswa isa n'ingwe." Nuko inyamaswa y'amahembe abiri itegeka abatuye ku isi kurema igishushanyo cy'inyamaswa, maze itera bose aboroheje n'abakomeye, abatunzi n'abakene, n'ab'umudendezo n'ab'imbata, gushyirwaho ikimenyetso cy'inyamaswa."[803] Byagaragaye neza ko Leta Zunze Ubumwe z'Amerika ari ububasha bushushanywa n'inyamaswa ifite amahembe abiri

802 Michael Geddes, Church History of Ethiopia, pages 311, 312
803 Ibyahishuwe 13:11-16

nk'ay'umwana w'intama, kandi ko ubu buhanuzi buzasohozwa igihe Leta Zunze ubumwe za Amerika zizahatira abantu kuruhuka ku munsi wa mbere w'icyumweru (Sunday), nk'ikimenyetso kidasanzwe kiranga gukomera kwa Roma. Ariko muri uko kuramya ubupapa, Leta Zunze ubumwe za Amerika ntizaba iri yonyine. Ibyo Roma yakoresheje mu bihugu yari yarigaruriye bizaba bitarashiraho burundu. Na none ubuhanuzi bwavuga ko Roma izongera kugarurirwa ububasha bwayo. " Nuko mbona umwe mu mitwe yayo usa n'ukomeretse uruguma rwica; ariko urwo ruguma rwayishe rurakira. Abari mu isi bose bakurikira iyo nyamaswa bayitangarira".[13] Gukomereka uruguma rwica, bisobanura gutsindwa k'ubupapa mu mwaka wa 1798. Umuhanuzi aravuga ati "hanyuma y'ibyo, rwa ruguma rwica rwarakize, maze abantu bose bo ku isi bakurikira iyo nyamaswa bayitangarira." Pawulo yerekana yeruye ko 'uwo mwana wo kurimbuka azakomeza kubaho kugeza Yesu agarutse. Hafi y'iherezo ry'ibihe, azashyira ahagaragara imirimo ye y'ubushukanyi. Kandi Umuhishuzi yerekana ubupapa aravuga ati "Abari mu isi bose bazayiramya, umuntu wese izina rye ritanditswe mu gitabo cy'ubugingo". Ari mu isi ya kera no mu ya none, ubupapa buzahabwa ikuzo binyuze mu kuruhuka ku Cyumweru byerekana nta gushidikanya ububasha bw'itorero Gatolika ry'i Roma.

Guhera hagati y'ikinyejana cya cumi n'icyenda, abigaga iby'ubuhanuzi muri Leta zunze ubumwe za Amerika, batanze ubu buhamya ku isi yose. Ibyo tubona byaduka mu isi muri iki gihe, byerekana ko ibyahanuwe biri bugufi gusohora. Abigisha b'Abaporotesitanti, bahamya ko kuruhuka ku munsi wa mbere w'icyumweru (Sunday) byategetswe n'Imana, nyamara bakabura ibihamya mu Byanditswe Byera, nk'abayobozi b'ubupapa, bahimbye ibitangaza kugira ngo bimure itegeko ry'Imana. Amagambo akomeje kwemeza ko iteka ry'Imana riri ku bantu bagomera itegeko ryo kuruhuka Isabato-Cyumweru (Icyumweru sabato), yatangiye gukurikizwa. Kandi imyigishirize ihatira abantu kuruhuka ku Cyumweru ubu iramenyerezwa kandi yahawe intebe.

Ubugizi bwa nabi n'ubucakura bw'Itorero Gatolika ry'i Roma buratangaje. Rishobora kugenzura ibizaba. Rikoresha igihe cyaryo neza, rireba uko amatorero y'Abaporotesitanti aryunamira igihe yemera Isabato y'ibinyoma, kandi rikaba ryitegura kuzayihatira umuntu wese nk'uko ryakoze mu myaka ya kera. Abirengagiza umucyo w'ukuri, bazitabaza abo biyita ko bafite ubushobozi bwo kuba batagikora icyaha, bagamije gushyira hejuru ibyo bihimbiye ubwabo. Uburyo biteguye kwifashisha itorero ry'Abaporotesitanti muri uwo murimo ni ibintu bitababagoye. Ninde usobanukiwe cyane n'uko bagenza abanze kumvira itorero kuruta abayobozi b'ubupapa ?

Itorero Gatolika ry'i Roma hamwe n'amashami yaryo yose ku isi, bakoze gahunda imwe ikomeye, bagamije guharanira inyungu z'ubupapa. Milioni nyinshi z'abizera bo mu bihugu byose byo ku isi, bigishijwe gufatanyiriza hamwe, maze bakayoboka ubutegetsi bwa Papa. Aho baba bakomoka hose, uko ubutegetsi bwabo bwaba bukomeye kose, bakwiriye kumenya ko ububasha bw'itorero buri hejuru y'ibyo byose. N'ubwo barahira basezerana ko bazubaha Leta y'iwabo, ariko inyuma y'iyo ndahiro haba hari umuhigo bahize wo kumvira Papa, ubakuriraho ibihano by'izindi

13 Ibyahishuwe 13:3

ndahiro baba bararahiye.

Amateka ahamya neza ko ubupapa butahwemye gukoresha ubucakura n'umwete mwinshi mu kwivanga muri gahunda za Leta z'ibihugu; maze bwamara kuhashinga ikirenge, bugasohoza imigambi yabwo, ndetse bukarimbura ibikomangoma n'abaturage. Mu mwaka wa1204, Papa Inosenti wa III yifashishije indahiro y'akataraboneka ya Petero wa II, Umwami w'Aragon, iyo ndahiro ikaba iteye itya:" Jyewe Petero, Umwami w'Abanyaragon, mpamije kandi nsezeranye kuzahora ndi indahemuka kandi numvira databuja Papa Inosenti n'abandi bapapa bazamusimbura, n'itorero rya Roma, kandi ubwami bwanjye bugakomeza kumwumvira, nzaharanira ukwizera Gatolika, kandi abazaguhakana nzabamarira ku icumu. "Iyo ndahiro yari ihuje n'ibyo ububasha bwa Papa butegeka," bigaragaza ko "yari afite ububasha bwo gushyiraho abami" kandi agashobora gukuraho bamwe batashoboye gukomeza indahiro barahiye." [804] Nuko rero duhore twibuka ko Roma yirata ko itazigera ihinduka. Amahame ya Gregoire wa VII na Inosenti wa III aracyari amahame y' itorero Gatolika ry'i Roma. Kandi iyo riza kugira imbaraga, ryajyaga gushyira ayo mahame mu bikorwa ntakuzuyaza rikoresheje imbaraga nko mu binyejana byashize. Abaporotesitanti ntibasobanukiwe bihagije icyatumye bemera gufatanya na Roma igikorwa cyo kuramya ku munsi wa mbere w'icyumweru. Naho Abagatolika bo, mu gushishikarira gusohoza umugambi wabo, itorero ry'i Roma rigambiriye kugarura ikuzo ryaryo ryari ryarabuze. Mureke ayo mabwiriza atangizwe muri Leta zunze ubumwe za Amerika, maze ubutegetsi bwa Leta buhatire abantu ibyo itorero; muri make, ububasha bw'itorero na Leta nibyo bizajya bigenga umutimanama w'abantu, ubwo nibwo insinzi y'itorero ry'i Roma muri icyo gihugu izaba igezweho.

Ijambo ry'Imana ryatanze imiburo ku kaga kagiye gutera; mureke ibyo byirengagizwe, maze abaporotesitanti bagere aho bamenye neza imigambi nyakuri ya Roma, uretse ko bazabyibuka barakererewe batagifite uburyo bigobotora muri uwo mutego baguyemo. Itorero Gatolika ry'i Roma riragenda risatira ububasha bwaryo ryahoranye bucece. Inyigisho zaryo mu biterane, muri za kiliziya, ziratEgura inzira mu mitima y'abantu. Riregura rwihishwa inyubako yaryo yaguye kugira ngo rigarure akarengane ku bataryemera. Rirahuriza hamwe imbaraga zaryo, ritegura intwaro bucece kandi ntacyo ryikanga kugira ngo igihe nikigera rishoze intambara. Ritegereje gusa ko igihe kigera kandi icyo gihe ryamaze kugihabwa. Bidatinze, tugiye kureba kandi twumve, nibwo tuzamenya itorero ry'i Roma icyo ari cyo. Umuntu wese uzizera kandi akumvira Ijambo ry'Imana, azahasakiranira n'ibigeragezo n'akarengane.

804 Jojn Dowling, The History of Romanism, b.5, ch6, sec .55

IGICE CYA 36
INTAMBARA ITUTUMBA

Guhera igihe intambara ikomeye yatangiriye mu ijuru, umugambi wa Satani wari uwo gukuraho amategeko y'Imana. Ibyo byagombaga gusohora ari uko atangiye kugomera Umuremyi we, kandi n'ubwo yaciwe mu ijuru, ariko aracyakomereje urugamba rwe mu isi. Kuyobya abantu no kubatera kwica amategeko y'Imana, nicyo kimushishikaje. Yasohoza umugambi we binyuze mu kwanga amategeko y'Imana yose, yakoresha gukuraho rimwe muri yo, uko byamera kose ingaruka zizaba zimwe. Umuntu ukurikiza Amategeko iyo agize rimwe ateshukaho, aba ameze nk'uyishe yose."[805]

Kubwo gushaka gupfobya amabwiriza y'ijuru, Satani yagoretse amahame ya Bibiliya, maze amakosa yinjizwa mu myizerere y'abantu ibihumbi byinshi bavuga ubwabo ko bizera Ibyanditswe Byera. Amakimbirane akomeye kandi aheruka hagati y'ukuri n'ibinyoma ni rwo rugamba rumaze igihe kirekire kandi ruheruka izindi zose rurwanya amategeko y'Imana. Muri urwo rugamba turimo; urugamba ruhanganishije amategeko y'abantu n'ay'Imana, idini ya Bibiliya n'idini y'ibihimbano n'imigenzo.

Imbaraga zishyize hamwe ngo zirwanye ukuri no gutungana, ubu zamaze gutangira umurimo wazo. Ijambo ryera ry'Imana ryatugezeho, binyuze mu mubabaro mwinshi n'amaraso menshi yamenetse, ariko ntiryahabwa agaciro gakwiye. Bibiliya igera ku bantu bose, ariko bake gusa nibo bemera ko iba umuyobozi w'ubugingo bwabo. Ubuhemu bukomeje gukwira hose mu buryo buteye agahinda, atari mu bantu bari ku isi gusa, ahubwo burarushaho kugwira no mu itorero. Benshi barahakana amahame ariyo shingiro nyakuri ry'ukwizera kwa Gikristo. Imirimo ikomeye y'irema nk'uko igaragazwa n'abanditsi bari bayobowe n'Umwuka Muziranenge, gucumura k'umuntu, uguhongerera, no guhoraho kw'amategeko y'Imana, byose byashyizwe iruhande, yaba ari byose uko byakabaye cyangwa umugabane umwe wabyo, bikozwe n'umugabane munini w'abantu biyita ko ari Abakristo. Ibihumbi byinshi by'abantu bibona kubwo kwishingikiriza ku buhanga bwabo no kumva bihagije babona ko gushyira ibyiringiro muri Bibiliya ari ubwenge buke; bagasanga ibyabo ari ikimenyetso cy'ingabire y'isumbwe maze bigatuma bishuka basobanura Ibyanditswe Byera birengagije ukuri kw'ibya Mwuka gukubiyemo. Ababwiriza benshi babigisha abizera babo, kandi abigisha benshi bigisha abanyeshuri babo ko amategeko y'Imana yahindutse cyangwa yavuyeho, maze abacyizera ko adahinduka kandi akwiriye gukomezwa, bagahindurwa ibishungero n'insuzugurwa.

Iyo banze ukuri baba banze na Nyirako. Iyo baribata amategeko y'Imana baba bahakanye n'Uwayatanze. Biroroshye gukora igishushanyo cy'amahame n'inyigisho by'ibinyoma nko gukora igishushanyo kibajwe mu giti cyangwa mu mabuye. Kugira ngo agaragaze imico y'Imana uko itari, Satani yoshya abantu kuyikekaho imico y'ibinyoma. Kuri benshi, ikigirwamana cy'ubucurabwenge cyarimitswe maze Imana irimurwa; nyamara Imana Ihoraho nk'uko yigaragarije mu Ijambo ryayo, muri Kristo no mu mirimo itangaje yo kurema, abayiramya ni bake gusa. Abantu ibihumbi

805 Yakobo 2:10

basenga ibyaremwe ariko bagahakana Umuremyi wabyo. Nubwo ibigirwamana biri mu buryo butandukanye, gusenga ibishushanyo byiganje mu Bakristo b'iki gihe nk'uko byari biri mu Bisirayeli mu gihe cya Eliya. Imana z'abiyita abahanga, abacurabwenge, abasizi, abategetsi, abanyamakuru, imana z'abanyabukorikori, imana zo mu mashuri yisumbuye, no muri za Kaminuza, ndetse n'imana zo mu bigo by'abihaye Imana, zirushije ububi Baali, ariyo mana y'izuba yo muri Fowenike.

Nta cyaha mu byadutse mu Bakristo kibabaza cyane ubutegetsi bw'ijuru, nta na kimwe cyonona ibitekerezo, nta na kimwe gifite ingaruka ziyobya, nk'inyigisho za none, zikwiza hose kandi vuba ko amategeko y'Imana atakigenga abantu. Igihugu cyose kigira amategeko yacyo, agomba kubahirizwa no gukurikizwa; nta butegetsi bwabaho budafite amategeko; none byashoboka bite ko Umuremyi w'isi n'ijuru atagira amategeko agenga ibyo yaremye? Tuvuge ko ababwiriza b'akataraboneka bigishije ku mugaragaro ko amabwiriza agenga igihugu cyabo kandi akarinda uburenganzira bw'abenegihugu, atakiri ngombwa, kuko abuza abantu umudendezo, bityo akaba atagikwiriye kubahirizwa; mbese umubwiriza nk'uwo yakwihanganirwa ku ruhimbi igihe kingana iki ? None se, kwirengagiza amategeko ya leta z'isi n'ay'ibihugu byaba icyaha gikabije kuruta gusiribanga amategeko mvajuru kandi ari yo rufatiro rw'ubutegetsi bwose?

Byajyaga gukomerera cyane ibihugu gukuraho amategeko yabyo, maze bikemerera abaturage gukora ikibabereye cyiza, kuruta ko Umutegetsi w'isi n'ijuru yakuraho amategeko ye, maze isi igasigara idafite itegeko rihana uwacumuye, cyangwa iritsindishiriza utariho urubanza. Mbese twajyaga kumenya ingaruka zituruka ku gukurwaho kw'amategeko y'Imana? Byarageragejwe. Dutekereze ibintu biteye ubwoba byabaye mu gihugu cy'Ubufaransa ubwo igihugu cyategekwaga n'ubuhakanamana. Byagaragariye isi ko gukuraho amabwiriza Imana yashyizeho, ari ukwemera itegeko rikaze ry'ubugizi bwa nabi. Iyo urugero rw'ubutungane rushyizwe ku ruhande, umutware w'ibibi byose aba abonye inzira yo kwimika ingoma ye mu isi.

Ahantu hose amategeko y'Imana yanzwe, icyaha ntikiba kikigaragara nk'icyaha, cyangwa ngo gukiranuka kwifuzwe. Abanga kumvira ubutegetsi bw'Imana, na bo ubwabo ntibashobora kwitegeka. Binyuze mu nyigisho zabo z'ibinyoma, ingeso yo kwishyira hejuru yinjira mu mitima y'abana no mu y'abasore, kuko muri kamere yabo batihanganira kwitegeka; ntibifuza kugira amategeko abagenga, ariko ntibite no ku ngaruka zizabaho hanyuma. Igihe bakoba cyane abihutira kumvira amategeko y'Imana, nibwo abantu benshi bemera ubuyobe bwa Satani batazuyaje. Bemera gutwarwa n'irari kandi bakitangira gukora ibyaha n'abapagani ubwabo babona ko ari ibyo gucirwaho iteka.

Abigisha abantu gusuzugura amategeko y'Imana, babiba kutumvira hakazasarurwa kutumvira. Mureke amategeko mvajuru yirengagizwe yose uko yakabaye, amategeko y'abantu nayo azirengagizwa bidatinze. Kuko Imana ibuzanya ibikorwa biteye isoni; kwifuza, kubeshya, kwiba, abantu biteguye kuribata amategeko y'Imana, bitwaza ko ababera inkomyi ituma batagera ku byo bifuza mu isi; ariko kubera kwanga amategeko y'Imana ntizatuma bagira icyo bageraho. Niba amategeko y'Imana atakibagenga, kuki kuyacumura bitera ubwoba ? Ibyo abantu batunze ntibyagira umutekano. Abantu batwara abaturanyi babo ibyabo ku ngufu, umunyambaraga

niwe waba umukire kurusha abandi. Ubuzima bw'umuntu nta gaciro bwazongera kugira. Indahiro mu gihe cyo gusezerana kw'abashakanye ntabwo yakomeza kurinda imibereho y'umuryango. Ufite ububasha, aramutse abishatse, yajyana umugore wa mugenzi we ku ngufu. Itegeko rya gatanu, nk'uko irya kane byagenze, ryakurwaho. Abana ntibatinya kwica ababyeyi babo, baramutse bifuza kunezeza imitima yabo yononekaye. Ibihugu byateye imbere mu majyambere, byahinduka indiri y'ubujura n'ubwicanyi; kandi amahoro, ikiruhuko n'umunezero, byashira ku isi.

Inyigisho zivuga ko abantu babatuwe ku kwitondera amategeko y'Imana zaciye intege imbaraga z'ibya mwuka, maze zikingura urugi rw'umuraba w'ubugome wisuka ku isi. Kutagendera ku mategeko, kwaya no kwiyonona, bitwirohaho nk'umuyaga wa serwakira. Mu muryango, Satani arimo gukora. Ibendera rye rishinzwe no mu ngo z'abavuga ko ari Abakristo. Hari ishyari, gushinjanya ibinyoma, kwishushanya, ubuhemu, isumbwe, ubugambanyi, kutiringirana no gukunda irari.

Amahame n'inyigisho by'iyobokamana, byose byari bikwiriye kuba urufatiro rw'imibanire myiza, bimeze nk'ikirundo gisukuma kigiye kuriduka. Abicanyi ruharwa iyo bashyizwe muri gereza kubera ubugome bwabo, bahora bahabwa impano kandi bakitabwaho nk'aho bahemberwa ibyiza bagezeho. Imico yabo n'ubugome bwabo byaramamajwe cyane. Itangazamakuru rishyira ku mugaragaro ingeso z'abantu mu buryo burambuye, bityo bigatuma n'abandi binjira muri ibyo bikorwa by'uburiganya, ubujura n'ubwicanyi; maze Satani akanezezwa n'uko ageze ku nsinzi yo kubajyana mu irimbukiro. Ingeso yo gukunda ibibi, kutamenya kwitegeka, ubwiyongere bukabije bwo kwiyandarika n'ubugome bw'uburyo bwose bikwiriye gutuma abubaha Imana bose bakangukira kwibaza igikwiriye gukorwa ngo bahangane n'umuraba w'ikibi. Inkiko zica imanza zuzuyemo ruswa. Abategetsi bashishikajwe n'inyungu zabo, no gukunda kwishakira ibibanezeza. Kutirinda byahumye intekerezo za benshi, bituma Satani abona uko abigarurira. Abanyamategeko baratandukira, bahabwa ruswa , maze bakarindagira. Ubusinzi, inzika, gukunda iby'isi, ishyari no kubura ubunyangamugayo mu buryo bwose, ni byo byiganje muri bamwe mu bashinzwe gushyiraho amategeko. "Ubutabera bwabaye akahebwe, kuko ukuri kwaguye mu nzira, kandi gutungana ntikubasha kwinjira."[806]

Gukiranirwa n'umwijima mu bya mwuka byariho mu gihe cyo kwikuza kwa Roma byari ingaruka ntakuka zo gukuraho Ibyanditswe Byera; ariko se ni hehe mu mucyo w'ubutumwa bwiza, mu gihe cy'umudendezo mu by'idini, dusanga impamvu y'ubuhemu bwiganje, kwanga amategeko y'Imana, n'ingaruka yo kwangirika? Kuko Satani atagishobora kubohera abantu munsi y'ubutware bwe abahisha Ibyanditswe Byera, yitabaza ubundi buryo kugira ngo asohoze umugambi we udahinduka. Gusenya ukwizera gushingiye muri Bibiliya bimufasha kugera ku mugambi we wo kuyirimbura nayo ubwayo. Iyo yinjiza imyizerere ivuga ko amategeko y'Imana atakigenga abantu, aba ashaka kubatera kuyagomera nk'aho ari injiji kuri yo. Kandi no muri iki gihe, akomeje gukorera mu itorero kugira ngo asohoze imigambi ye nk'uko yabikoze mu gihe cya kera. Amadini yo muri iyi minsi yanze gutegera

806 Yesaya 59:14

amatwi ukuri kwahuranyije ko mu Byanditswe Byera, maze muri uko kurwanya uko kuri, bahitamo ubusobanuro n'uruhande bituma babiba kandi bagakwiza imbuto z'ubuhakanyi. Kwihambira ku mafuti y'ubupapa yo kudapfa kwa roho no gukomeza gutekereza k'umuntu nyuma y'urupfu, bashenye uruzitiro rwabakingiraga ibishuko batezwa n'imyuka y'abadayimoni. Inyigisho zivuga ibyo kubabazwa by'iteka ryose, zatumye benshi bareka kwizera Bibiliya. Kandi nk'uko itegeko rya kane risaba abantu, byagaragaye ko kweza umunsi wa karindwi ariwo Sabato ari umutwaro; kandi nk'inzira imwe rukumbi yo guhunga umurimo badashaka gukora, benshi mu bigisha bahamya ko amategeko y'Imana atakibagenga. Nuko rero amategeko y'Imana bakayakuranaho n'Isabato. Igihe umurimo wo kuvugurura Isabato ugikomeje, uko gukuraho amategeko y'Imana bahunga itegeko rya kane, bizakwira ku isi yose. Inyigisho z'abayobozi bakuru b'amadini zugururiye amarembo ubuhakanyi, imyuka y'abadayimoni, no gusuzugura amategeko yera y'Imana; kandi abo bayobozi bafite uruhare ruteye ubwoba muri ubwo buhakanyi buri mu itorero rya Gikristo.

Ibiramambu abo bantu bitwaza ko uko kwihutira gukwirakwiza iryo yononekara ry'imico y'abantu riterwa no kudakomeza itegeko ryo kuruhuka ku munsi wa mbere w'icyumweru wahimbwe "Isabato ya gikristo"kandi guhatira abantu bose kuwukomeza bizanoza imico mbonera mu bantu. Icyo gitekerezo cyiganje cyane cyane muri Amerika, aho inyigisho z'Isabato y'ukuri zari zarabwirijwe cyane. Aha rero inyigisho zo kwirinda nk'umwe mu migabane y'ikubitiro kandi y'ingezi yo kuvugurura imibereho myiza y'abantu, zafatanyijwe n'itsinda ry'abaruhuka ku Cyumweru, maze abavugira icyumweru bigaragaza ubwabo ko bakora kugirango baharanire inyungu za rubanda; maze abanze kwifatanya na bo muri uwo mugambi, bakaregwa ko ari abanzi bo kwirinda n'ivugurura. Ariko bitewe n'uko itsinda ryashyizeho izo nyigisho z'ibinyoma ryikingiriza imirimo myiza, ibyo ntibituma ikosa lidakomeza kuba ikosa. Dushobora kujijisha tuvangavanga uburozi n'ibyokurya byiza, ariko ntiduhindura kamere yabwo. Ibinyuranye n'ibyo, biba ari akaga gakomeye iyo ibyo bititaweho. Kuvanga ikinyoma n'ukuri guhagije kugira ngo abantu bacyemere ni umwe mu mitego ya Satani. Abayobozi b'itsinda riruhuka ku Cyumweru bashobora kwiyita abavugizi b'ibyo abantu bakeneye, bitanyuranya n'amahame ya Bibiliya; ariko kandi mu byo bavuga hakubiyemo inyigisho zivuguruza amategeko y'Imana, niyo mpamvu abagaragu b'Imana batabasha kwifatanya n'abo. Nta na kimwe bakwishingikirizaho ngo kibabashishe gusimbuza amategeko y'Imana ay'abantu.

Binyuze muri ubu buyobe bukomeye bw'uburyo bubiri: kudapfa k'ubugingo n'ubuziranenge bw'umunsi wa mbere w'icyumweru (Dimanche), Satani azaboneraho kugusha abantu mu bishuko bye. Igihe icya mbere ari ishingiro ryo gusenga imyuka y'abadayimoni, icya kabiri cyo kivana abantu ku Mana kikabunga na Roma. Abaporotesitanti bo muri Leta zunze ubumwe z'Amerika nibo bazafata iya mbere mu kurambura uamaboko yabo bagafatana mu biganza n'imyuka y'abadayimoni; bazanyura hejuru y'umworera ngo bifatanye n'ububasha bwa Roma; maze ku bufatanye bw'izo mbaraga uko ari eshatu, icyo gihugu kizagera ikirenge mu cya Roma gisiribange rwose uburenganzira bwo guhitamo.

Nk'uko imyuka y'abadayimoni yigana cyane abitwa Abakristo bo muri iki gihe, ifite imbaraga zikomeye zo kuyobya abantu ikabagusha mu mitego yayo. Satani

ubwe arihindura akisanisha n'ibiriho. Azigaragaza afite imico nk'iya Marayika w'umucyo. Binyuze mu kwizera imyuka, hazakorwa ibitangaza, abarwayi bazakira, kandi hakorwe n'ibindi bitangaza bitabasha guhinyuzwa. Maze ubwo iyo myuka mibi izatura kwizera gushingiye muri Bibiliya, kandi ikerekana ko yemera gahunda zose z'ibikorerwa mu itorero, ibikorwa byabo bizemerwa nk'ibikozwe n'imbaraga mva ijuru.

Muri iyi minsi, biraruhije kubona umurongo utandukanya abiyita abakristo n'abatubaha Imana. Abizera b'itorero bakunze ibyo ab'isi bakunda, kandi biteguye gufatanya nabo, Satani na we yiyemeje kubateranyiriza hamwe nk'umubiri umwe noneho agakaza umugambi we wo kubarundurira mu kwizera imyuka y'abadayimoni. Abizera inyigisho z'ubupapa birata ko ibitangaza ari ikimenyetso cy'itorero ry'ukuri, biteguye kuyobywa n'izo mbaraga zikora ibitangaza; kandi Abaporotesitanti bamaze gushyira ku ruhande ingabo y'ukuri, na bo bazarindagira. Abizera inyigisho z'ubupapa, Abaporotesitanti n'ab'isi, bazemerera hamwe ishusho y'ubutungane idafite ububasha, kandi muri ubwo bumwe hazabonekamo itsinda rinini rifashe icyemezo cyo kwemera guhindurwa n'isi kandi babone igitondo cy'ikinyagihumbi bategereje igihe kirekire gitangaje.

Binyuze mu kwizera imyuka y'abadayimoni, Satani yiyerekana nk'uwifuza kugirira neza abantu bose, akiza abantu indwara, kandi ahamya ko azanye idini nshya yo mu rwego ruhanitse ifite kwizera gushya, nyamara kandi na none muri icyo gihe, azaba akora nk'umurimbuzi. Ibigeragezo bye byose birohe imbaga y'abantu mu irimbukiro. Kutirinda byimuye gushyira mu gaciro; kurarikira, amahane, ibyo bigakurikirwa no kuvusha amaraso. Satani anezezwa n'intambara, kuko ibyutsa inzangano mu mitima y'abantu, hanyuma igatsemba buheriheri abijanditse mu ngeso mbi kandi bavusha amaraso. Umugambi we ni uguteranyiriza amahanga yose mu ntambara, kuko muri ubwo buryo arimo ashobora gucurika ibitekerezo by'abantu akabibagiza kwitegura kuzahagarara bashikamye ku munsi ukomeye w'Imana.

Satani na none akorera no mu biremwa kugira ngo yigarurire abantu benshi batiteguye. Yiyigishije amabanga y'imibereho y'ibyaremwe, kandi akoresha imbaraga ze zose gutegeka ibintu byose mu gihe cyose Imana ikibimwemereye. Ubwo Imana yamuhaga uburenganzira bwo kubabaza Yobu, mbega ukuntu imikumbi n'amashyo, abagaragu, amazu, abana, byose byayoyotse mu mwanya muto icyago gikurwa n'ikindi! Imana niyo ikingira ibiremwa byayo kandi ikabirinda imbaraga z'umurimbuzi. Nyamara abakristo basuzuguye amategeko ya Yehova; kandi Uwiteka azasohoza icyo yavuze - ko azahagarika gusuka imigisha ye ku isi, kandi akure uburinzi bwe ku bagomera amategeko ye, bakigisha abandi kandi bakabahatira kugenza nka bo. Satani agenza uko ashatse uwo ari we wese Uwiteka yakuyeho uburinzi bwe. Azihanganira bamwe kandi bahirwe kugira ngo umugambi we ujye mbere, abandi abateze ibyago, maze abemeze ko Imana ari yo ibateje ako kaga.

Igihe yiyereka abana b'abantu nk'umuvuzi ukomeye ushobora kubakiza indwara zabo zose, azateza indwara n'ibyorezo kugeza aho imidugudu n'ibirorero bisigara ari amatongo n'ibidaturwa. Na magingo aya ari ku murimo we. Satani arateza impanuka n'ibyorezo mu nyanja no ku butaka, umuriro wa kirimbuzi, umuraba ukaze, imyuzure, inkuba, imiyaga y'ishuheri, kubura epfo na ruguru, ibishyitsi hirya no hino kandi mu buryo bwinshi, imbaraga ze ziri ku murimo.

Yararika umwero w'ubutaka, maze inzara n'ubwihebe bigakurikiraho. Ahumanya umwuka wo mu kirere, maze abantu ibihumbi byinshi bakarimbuka. Ibyo byago bizarushaho kwaduka ku isi kandi ari nako birimbura. Kurimbuka kuzaba ku bantu no ku nyamaswa. "Isi iri mu cyunamo ihindutse amatongo, koko isi irononekaye ihindutse amatongo, izarimbukana n'ibikomerezwa byayo. Isi yandavujwe n'abayituye, koko bishe amategeko y'Uhoraho, ntibubahirije amateka ye, bishe n'Isezerano rihoraho yagiranye na bo."[807]

Kandi uwo mushukanyi ruharwa azumvisha abantu ko abakorera Imana ari bo bateje ibyo byago. Itsinda ry'abarakaje Ijuru rizashinja abubahiriza amategeko y'Imana ko aribo nkomoko y'ibyo byago byose, bahore babahindura abagome. Hazavugwa ko abantu bagomeye Imana bica isabato yo ku munsi wa mbere w'icyumweru (Dimanche); kubwo ibyo, icyo cyaha cyateje ibyorezo, bikazahagarara ari uko umunsi w'icyumweu umaze guhatirwa abantu bose; kandi ko abakomeza gushyigikira itegeko rya kane baba batesheje umunsi w'icyumweru icyubahiro cyawo, ndetse ko bahungabanya umutekano mu gihugu, kuko bakibuza umugisha w'Imana kandi bakadindiza ubukungu bwacyo. Icyo kirego cya kera cyarezwe umugaragu w'Imana kizabyutswa kandi n'impamvu zizaba ari zimwe: "Maze Ahabu abonye Eliya aramubwira ati: Mbega ni wowe n'umuruho wateje Isirayeli ? Eliya aramusubiza ati, "Erega si jye wateje Isirayeli umuruho, ahubwo ni wowe n'inzu ya so kuko mwaretse amategeko y'Uwiteka mugakurikira Baali."[808] Ni bwo abantu bazazabiranywa n'uburakari babitewe n'amazimwe babwiwe, maze bibasire abagaragu b'Imana nk'uko ba bahakanyi bo mu Bisirayeli bibasiye Eliya.

Imbaraga ikora ibitangaza yigaragariza mu myuka mibi y'abadayimoni izibasira abahisemo kumvira Imana kuyirutisha abantu. Abavugana n'imyuka mibi y'abadayimoni bazatangaza hose ko yatumwe n'Imana kwemeza abatemera kuruhuka ku Cyumweru no kubemeza ikosa ryabo, babahamirize ko amategeko y'igihugu akwiriye gukomezwa nk'amategeko y'Imana. Bazaganyishwa cyane n'ubugome bukabije bwamamaye ku isi kandi bashyigikire ubuhamya bw'abigisha b'amadini buvuga ko kuba ibya mwuka byaracogoye cyane byatewe no kuzirura Icyumweru. Isi yose izarakarira bikomeye abazaba banze kwemera ubwo buhamya bwatanzwe.

Imikorere ya Satani muri aya makimbirane aheruka yo kurwanya ubwoko bw'Imana, ntaho itandukaniye n'iyo yakoresheje atangira intambara ikomeye mu ijuru. Yavugaga ko ahirimbanira guteza imbere ubutegetsi bw'Ijuru, nyamara ahubwo akoresha imbaraga ze zose rwihishwa kugira ngo abuhirike. Maze umugambi nyakuri yaharaniraga kugeraho akawugereka ku bamarayika b'indahemuka. Imikorere nk'iyo y'ubushukanyi niyo yaranze amateka y'itorero Gatolika ry'i Roma. Ryiyise ko rikora nk'Umusimbura w'Imana ku isi, nyamara rigamije kwishyira hejuru y'Imana kandi rihindura n'amategeko yayo. Ku itegeko rya Roma, abishwe kubwo kuba indahemuka z'ubutumwa bwiza biswe inkozi z'ibibi; babashinja ko bakorana na Satani; kandi bagakoresha uburyo bwose bushohoboka ngo babasebye, babagaragaze imbere y'abantu n'imbere yabo ubwabo ko ari ibivume ruharwa.

807 Yesaya 24:4,5

808 1 Abami 18:17,18

Uko rero niko bizamera, no muri iki gihe. Ubwo Satani ahirimbanira gutsemba abakomeza amategeko y'Imana, azakora kuburyo bashinjwa kuba ari bo bayica, nk'abantu batesha Imana agaciro kandi isi ikaba igiye gucirwaho iteka ari bo izize.

Ntabwo Imana izigera ihata ubushake cyangwa umutimanama w'umuntu; nyamara Satani we kugira ngo abone uko yigarurira abo adashobora koshya, yitabaza ubugizi bwa nabi. Kubera ubwoba cyangwa agahato, yihatira gutegeka umutimanama w'u muntu kugira ngo amuramye. Kugira ngo agere kuri uwo mugambi, akorera mu idini no mu butegetsi bw'isi, agahagurukiriza ubutegetsi guhatira abantu gukomeza amategeko y'abantu, bagasuzugura ay'Imana.

Abakomeza Isabato yo muri Bibiliya bazaregwa ko ari abanzi b'amategeko na gahunda, ko babangamiye imibereho myiza ya rubanda, ibyigenge kandi byangiritse, kandi bakaba ari bo batuma Imana igiye gucira isi ho iteka. Ubwitonzi bwabo no gushikama mu byo bizera bazabyita gukabya, kutava ku izima no gusuzugura ubutegetsi. Bazaregwa ko bahinyura ubutegetsi. Ababwiriza barwanya amategeko y'Imana bazatangariza ku ruhimbi ko abantu bafite inshingano yo kumvira ubutegetsi bw'isi nk'ubwashyizweho n'Imana. Mu nteko ishinga amategeko, no mu nkiko z'ubucamanza, abakomeza amategeko y'Imana bazavugwa nabi, bacirweho iteka. Amagambo yabo azagorekwa; bazabakekera imigambi mbi batigeze kugira.

Nk'uko amatorero y'Abaporotesitanti yanga ibihamya by'ukuri byo mu Byanditswe Byera bishyigikira amategeko y'Imana, bazashaka gucecekesha abafite kwizera gushikamye kandi badashobora guhirika hakoreshejwe Bibiliya. N'ubwo muri iki gihe bahumiriza ngo batareba ukuri, bari mu murongo ubaganisha ku gutoteza abazanga gushyira hamwe n'abandi bakristo ngo bakomeze umunsi w'ikiruhuko washyizweho n'ubupapa.

Abanyacyubahiro bo mu matorero n'abo mu buyobozi bw'igihugu bazishyira hamwe ngo bahongere, bahendahende cyangwa boshye abantu bo mu nzego zose kuruhuka ku munsi wa mbere w'icyumweru (Dimanche). Nuko rero, amategeko mvajuru azasimbuzwa amategeko y'agahato. Kwangirika k'ubutegetsi bizasenya gukunda ubutabera kandi bitume ukuri kwirengagizwa; ndetse no muri Amerika yigenga ubwayo, abategetsi, abanyamategeko, mu rwego rwo kwiyegereza abaturage, bazubahiriza ibyo rubanda rushaka bahatira abantu kuruhuka ku munsi wa mbere w'icyumweru. Umudendezo w'umutimanama wabonetse bigoranye, ntuzongera kubahirizwa ukundi. Mu ntambara igiye kuza vuba aha, tugiye kubona ibyerekaniwe mu buhanuzi bw'aya magambo: "Ikiyoka kirakarira wa mugore, kiragenda ngo kirwanye abo mu rubyaro rwe basigaye, bitondera amategeko y'Imana kandi bafite guhamya kwa Yesu". [809]

809 Ibyahishuwe 12:17

Igice cya 37

IBYANDITSWE BYERA NI UMURINZI

"Nimusange amategeko y'Imana n'ibiyihamya. Nibatavuga ibihwanye n'iryo jambo nta museke uzabatambikira."[810] Abantu b'Imana bayoborwa ku Byanditswe Byera kugira ngo bibarinde abigisha b'ibinyoma n'imbaraga z'imyuka y'umwijima iyobya. Satani akoresha ubucakura bwose kugira ngo abuze abantu gusobanukirwa na Bibiliya; kuko ihishyira ku mugaragaro ubuhendanyi bwe. Mu ihembura iryo ari ryo ryose ry'umurimo w'Imana, umutware w'ikibi arahaguruka agakorana umwete umurimo we; n'ubu arakoresha imbaraga zirenze urugero mu ntambara iheruka arwanya Kristo n'abayoboke be. Ubuyobe buheruka kandi bukomeye bugiye kuzigaragariza imbere yacu bidatinze. Anti-Kristo agiye gukorera ibitangaza n'ibimenyetso mu maso yacu. Azakoresha ubuhendanyi bukomeye busa n'ukuri ku buryo kubutahura bitazaba byoroshye uretse kuba warasomye Ibyanditswe Byera. Mu buhamya bw'abo biyita Kristo, ijambo ryose n'igitangaza cyose bigomba gusuzumanwa ubushishozi.

Abakomeza amategeko yose y'Imana bazarwanywa kandi bababakobe. Bazashobora gushikama mu masezerano y'Imana. Kugira ngo bazabashe kwihanganira ibigeragezo bibategereje, bakwiriye gusobanukirwa n'ubushake bw'Imana nk'uko buri mu Ijambo ryayo; bazashobora kuyihesha icyubahiro kuko bamenye ukuri kw'imico yayo, ubutegetsi bwayo n'imigambi yayo, kandi babe ari byo gusa bagenderaho. Nta n'umwe uzahagarara ashikamye mu gishuko giheruka, keretse gusa abashikamishije intekerezo zabo mu kuri kw'Ijambo ryayo. Umuntu wese azagerwaho n'iki kibazo ngo: Mbese nzumvira Imana kuruta abantu? Iki nicyo gihe cyacu cyo gufata icyemezo giheruka. Mbese ibirenge byacu bihagaze ku rutare rw'Ijambo ry'Imana ridahinduka? Mbese ubu twiteguye kuzahagarara dushikamye ngo duhamye amategeko y'Imana no kwizera Yesu?

Mbere y'uko abambwa ku musaraba, Umukiza yasobanuriye abigishwa be ko azicwa, kandi ko azazuka, kandi abamarayika bari aho biteguye gusohoza ayo magambo mu bwenge no mu mitima by'abigishwa be. Nyamara bo, bari bahanze amaso ibyo igihe gito aribyo kubaturwa ku ngoyi y'Abaroma, kandi ntibari kubasha kwihanganira ko Uwari ibyiringiro bya bose abasha gupfa urupfu rw'urukozasoni nk'urwo. Amagambo bari bakeneye kwibuka yahanaguritse mu bitekerezo byabo, maze igihe cy'ibigeregezo gisohoye, gisanga batiteguye. Urupfu rwa Yesu rwarabatunguye bamera nk'aho batigeze babimenyeshwa mbere y'igihe. Nuko rero, ubuhanuzi butwereka neza ahazaza nk'uko byahishuriwe abigishwa mu magambo ya Yesu. Ibimenyetso byinshi byerekana ko igihe cy'imbabazi kiri hafi kurangira kandi n'imyiteguro y'igihe cy'akaga, byose byaragaragajwe. Nyamara abantu ibihumbi byinshi ntibasobanukiwe n'uko kuri gukomeye nk'aho batigeze baguhishurirwa. Satani araboga runono ngo ate kure igitekerezo cyose cyabahindura abanyabwenge bagasobanukirwa ibyo agakiza, maze igihe cy'akaga kizasange batiteguye.

810 Yesaya 8:20 2

Iyo Imana yoherereje abantu ubutumwa bwayo bw'imbuzi zikomeye, bugatangwa nk'ubutangajwe n'Abamarayika bera baguruka baringanije ijuru, isaba umuntu wese ufite ubushobozi bwo gutekereza kwita kuri ubwo butumwa. Urubanza ruteye ubwoba ruzacirwa abasenga ya nyamaswa n'igishushanyo cyayo rukwiriye gutera abantu benshi umwete wo kwiga ubuhanuzi kugira ngo kumenya ikimenyetso cy'inyamaswa icyo ari cyo, n'uburyo bakwirinda kuzakira icyo kimenyetso. Ariko abantu benshi biziba amatwi ngo batumva uko kuri, maze bagahindukirira imigani y'ibihimbano. Intumwa Pawulo atubwira gusubiza amaso yacu inyuma tukareba mu minsi yashize: "Igihe kizaza ubwo abantu batazumvira inyigisho nzima."[811] Icyo gihe cyamaze gusohora. Abantu benshi muri iki gihe ntibashaka ukuri kwa Bibiliya, kuko kunyuranyije n'ubushake bw'abakora ibyaha, n'umutima ukunda iby'isi; maze Satani nawe, akazana ibishuko ahereye ku byo bakunda.

Ariko Imana izaba igifite abantu bayo ku isi bakomeza Bibiliya, kandi yonyine, nk'urufatiro rw'inyigisho shingiro n'ipfundo ry'ubugorozi bwose. Ibitekerezo by'abanyabwenge cyangwa imyanzuro ya gihanga, itegeko cyangwa ibyemezo by'inama y'abakuru b'amadini, nk'uko ubwinshi no kudahuza ari nk'ibyo amadini bahagarariye, ubwinshi bw'amajwi sibwo bugomba gushingirwaho ku birebana n'ibyo kwizera kw'idini. Mbere yo kugira ihame cyangwa inyigisho iyo ari yo yose twemera, dukwiriye kubanza kwibaza niba bihuje n'iri jambo ngo "Uko niko Uwiteka avuga".

Satani ashishikariye cyane kwerekeza ibitekerezo byacu ku bantu, aho guhanga amaso ku Mana. Yerekeza amaso y'abantu ku bepisikopi bakuru, ku bapasitoro, ku bigisha iby'iyobokamana nk'abayobozi babo, mu cyimbo cyo gushakashaka mu Byanditswe Byera ngo bimenyere ubwabo icyo Imana ibashakaho. Nuko rero, iyo Satani amaze kwigarurira intekerezo z'abo bayobozi, abenshi abikoreshereza ibyo ashaka.

Ubwo Yesu yazaga yigisha amagambo y'ubugingo, rubanda rwarayumvise ruranezerwa; kandi benshi mu batambyi n'abanyamategeko baramwizera. Ariko umutambyi mukuru n'abatware bagambirira kumuciraho iteka no kwamagana inyigisho ze. N'ubwo umuhati wabo wo kumushakaho ibirego wabapfiriye ubusa, n'ubwo batashoboraga kumva imbaraga mvajuru n'ubuhanga byari mu nyigisho ze, bakomeje gushakisha inzitwazo ubwabo; banga ibihamya byerekana ko ari Mesiya kugira ngo bitabahatira kuba abigishwa be. Abo barwanyaga Yesu, bari abantu bigishije abandi kujya bubaha uhereye mu bwana bwabo, bari baramenyerejwe gupfukamirwa. Baravugaga bati : 'Mbese bishoboka bite ko abayobozi bacu, abanditsi bacu b'abanyabwenge batizera Yesu?' Mbese aba bantu bizeraga cyane ntibaba baramwakiriye iyo aza kuba Kristo? Biturutse kuri abo bigisha byatumye ubwoko bw'Abayuda butakira Umucunguzi wabwo.

Umwuka wakoreshaga abo batambyi n'abatware uracyigaragaza muri benshi bavuga ko bizera cyane. Banga kurondora ibihamya byo mu Byanditswe Byera byerekeye ukuri kudasanzwe ko muri iki gihe. Bishingikiriza ku bwinshi bwabo, ubutunzi bwabo no kumenyekana hose, maze bagasuzugura abahagarariye ukuri bababona nk'aho ari inkehwe, abakene, n'intamenyekana, kandi bafite kwizera

811 Timoteyo 4:3

kubatandukanya n'isi yose.

Yesu Kristo yabonye mbere hose ko ubutegetsi budakwiye bwari buyobowe n'abanditsi n'abafarisayo butari kurangirira aho budatatanyije Abayuda. Yarebeshaga amaso ya gihanuzi akabona umurimo wo kwishyira hejuru k'ubutegetsi bw'umuntu, bushaka no kugenzura umutimanama w'abantu, ibyo bikaba byarabereye itorero umuvumo uteye ubwoba mu bihe byose. Yesu anenga mu buryo buteye ubwoba abanditsi n'Abafarisayo kandi aburira abantu ababuza kudakurikira izo mpumyi z'a bayobozi, ibyo byandikiwe kugira ngo bizabere akabarore abo mu gihe kizaza.

Itorero ry'i Roma riha ubuyobozi bwaryo uburenganzira bwo gusobanura Ibyanditswe Byera. Bitwaje ko abayobozi b'idini ari bo bonyine gusa bafite ubushobozi bwo gusobanura Ijambo ry'Imana, rubanda rwabujijwe kurigira. N'ubwo Ubugorozi bwatanze Bibiliya kuri bose, n'ubundi amahame ya Roma yo kwikubira yakomeje kubuza imbaga y'abantu bo mu matorero y'abaporotesitanti kwigenzurira ubwabo mu Byanditswe Byera. Bigishwa kwemera inyigisho zayo nk'uko itorero ryazisobanuye; maze ugasanga ibihumbi byinshi by'abantu batinyuka gufata ubusa muri izo nyigisho, nyamara byari bisobanutse neza mu Byanditswe Byera ko ibyo binyuranyije rwose n'inyigisho zabo cyangwa amahame shingiro y'itorero ryabo.

Nyamara n'ubwo Ibyanditswe Byera byuzuyemo imiburo ijyanye no kwirinda abigisha b'ibinyoma, abantu benshi biteguye kurindisha ubugingo bwabo abakuru b'idini. Muri iki gihe, ibihumbi byinshi by'abavuga ko ari abanyedini, ntibashobora gutanga impamvu n'imwe y'ukwizera kwabo usibye ibyo bigishijwe n'abayobozi b'idini yabo. Bagenda bakikira inyigisho z'Umukiza nk'abatazibonye, maze ibyiringiro byabo bakabyubaka ku magambo babwiwe n'ababwiriza babo. Ariko se abo babwiriza bo ntibakwibeshya? Ni mu buhe buryo ki twakwiringira ubuyobozi bwabo uretse Ijambo ry'Imana ryatwereka ko ari abatwaramucyo koko? Kubura umutima w'ubutwari bwo kwivana mu nzira mbi z'isi bitera benshi kugera ikirenge mu cy'abanyabwenge; maze kubwo kwangira kwigenzurira ku giti cyabo, baboherwa mu ngoyi z'ubuyobe badafite ibyiringiro. Babona ko ukuri ko muri iki gihe guhishuriwe muri Bibiliya, kandi bakumva imbaraga ya Mwuka Muziranenge iyoboye uko kuri; ariko bakarengaho bakemera inyigisho z'abayobozi b'idini yabo zibateshura kuri uwo mucyo. N'ubwo intekerezo n'umutimanama by'abo bantu binyurwa n'uko kuri, ariko kuko bayobejwe ntibashobora gutekereza ibicishije ukubiri n'ibyo bigishijwe n'ababwiriza babo; maze gushyira mu gaciro, n'ibyo barangamiye byose bigasimburwa no kutizera, ubwibone n'urwikekwe by'undi muntu.

Benshi bahindutse ibikoresho Satani akoresha kugira ngo abohe imbata ze. Yigarurira benshi akoresheje umurunga w'isano bagirana n'abanzi b'Umusaraba wa Kristo. Uko iyo sano yaba iri kose, yaba ishingiye ku babyeyi, abavandimwe, ku bana, ku bashakanye, cyangwa se ku bo muhorana, ingaruka z'ibyo byose ni zimwe; abanzi b'ukuri bakoresha imbaraga zabo zose kugira ngo bigarurire umutimanama, maze abantu bari mu kigoyi cye bagasigara batakigira ubutwari buhagije cyangwa umudendezo wo kugendera mu byo bumva umutima wabo ubemeza.

Ukuri n'ikuzo by'Imana ntibitandukana; ntibishoboka ko kuri twe abashyikirijwe Bibiliya, twakubahisha Imana intekerezo z'ubuyobe. Benshi bavuga ko icyo umuntu yaba yizera cyose, apfa gusa kuba afite imibereho itunganye. Ariko kandi, imibereho

igaragazwa no kwizera. Niba umucyo n'ukuri byaratugezeho, maze tukirengagiza amahirwe yo kukumva no kukureba, ubwo tuba tukwanze; duhisemo umwijima mu cyimbo cy'umucyo. "Hariho inzira umuntu yibwira ko ari nziza, ariko iherezo ryayo rikaba inzira z'urupfu". [812]

Igihe hariho amahirwe yose yo kumenya ibyo Imana ishaka, ubujiji ntibuba bukibaye urwitwazo rwo kuyoba cyangwa gucumura. Umugenzi ageze mu ihuriro ry'inzira nyinshi kandi ibyapa byerekana aho inzira yose igana, aramutse yirengagije ibyo byapa, akanyura mu nzira abona ko ariyo imubereye iyo ukuri, ashobora kuba abikoze yumva ko ari mu kuri kwe, nyamara bidatinze azisanga yanyuze inzira yamuyobeje.

Imana yaduhaye Ijambo ryayo kugira ngo tubashe kwimenyereza inyigisho zikubiyemo kandi tunamenye ubwacu icyo Imana idusaba. Igihe umunyamategeko yasangaga Yesu, akamubaza ati,"Nakora iki kugira ngo nzaragwe ubugingo buhoraho ?" Umukiza yamusubirishije Ibyanditswe agira ati: "Byanditswe bite mu mategeko? Wasomyemo iki?" Ubujiji ntibubasha kubera umusore cyangwa umusaza urwitwazo, cyangwa ngo bubakureho igihano gikwiriye uwishe itegeko ry'Imana; kuko bafite mu biganza byabo umuyobozi w'indahemuka w'ayo mategeko, n'amabwiriza yayo ndetse n'ibyo asaba. Kugira imigambi myiza ntibihagije; ntibihagije ko umuntu yakora icyo abona kimubereye cyiza, cyangwa se icyo umubwiriza yavuze ko ari cyo cy'ukuri. Agakiza k'umuntu kari mu maboko ye, kandi agomba kwishakashakira ubwe mu Byanditswe Byera. Uko kwizera k'umuntu kwaba gukomeye kose, uko yaba yiringira kose ko umubwiriza we azi ukuri, ibi si byo byaba urufatiro rwo kwizera kwe. Afite igishushanyo cyerekana inzira igana mu ijuru; kandi ntawe ugomba kwihimbira iyo nzira.

Inshingano y'ibanze kandi y'agaciro gakomeye ku muntu wese ni iyo kumenya icyo ukuri aricyo binyuze mu Byanditswe Byera, maze akagendera mu mucyo kandi agatera abandi umwete wo gukurikiza icyitegererezo cye. Buri munsi dukwiriye kwigana Bibiliya umwete, tugashyira ku gipimo buri ngingo kandi tukagereranya umurongo ku murongo. Dufashijwe n'Imana, ubwacu tuziyunguramo ibitekerezo nk'uko aritwe ubwacu tuzibarizwa ibyacu imbere y'Imana.

Ukuri gusobanutse kwagaragajwe muri Bibiliya kwashidikanyijweho kandi gushyirwa mu mwijima n'abahanga biyise ko ari abanyabwenge buhanitse, bigisha ko Ibyanditswe Byera bifite amayobera, ibanga ry'ibya mwuka ridashora kumvikana mu rurimi ryakoreshejwemo. Abo ni abigisha b'ibinyoma. Bari mu itsinda rya ba bandi Yesu yavuzeho aya magambo ati, "Mwarayobye, kuko mutamenye Ibyanditswe, ntimumenye n'ububasha bw'Imana."[813] Imvugo ya Bibiliya ikwiriye gusobanurwa hakurikijwe ubusobanuro bwayo nyabwo, keretse ahakoreshejwe ibimenyetso cyangwa imibare. Yesu yatanze isezerano ati, "Umuntu wese ukunda gukora ibyo Imana ishaka, azamenya ko ibyo nigisha bituruka ku Mana, cyangwa ko ari ibyo nihangiye."[814] Iyaba abantu bafataga Bibiliya nk'uko yanditswe, iyaba hatabagaho abigisha b'ibinyoma bayobya kandi bakajijisha intekerezo z'abantu, haba harakozwe umurimo wo kunezeza abamarayika b'Imana kandi ukagarurira Kristo

812 Imigani 16:25
813 Mariko 12:24
814 Yohana 7:17

ibihumbi byinshi by'abantu barimo kuraragirira mu buyobe.

Dukwiriye kumenyereza imbaraga z'ubwenge bwacu kwiga Ibyanditswe Byera kandi tukiha inshingano yo kwimbika cyane kugira ngo dusobanukirwe, dukurikije ubushobozi bw'umuntu, ibikomeye cyane by'Imana; nanone kandi ntidukwiriye kwibagirwa ko ubugwaneza no kwicisha bugufi by'umwana ari byo biranga umwigishwa nyakuri. Ingorane ziboneka mu Byanditswe Byera ntizishobora gukemurwa mu buryo busanzwe bukoreshwa mu gukemura ibibazo by'ubucurabwenge. Ntidukwiriye kwiga Bibiliya twishingikirije ku buhanga bwacu nk'uko benshi bakora mu gihe biga ubucurabwenge, ahubwo dukwiriye, kuyiga dusenga kandi twishingikirije ku Mana kandi twifuza kumenya ibyo Imana ishaka. Dukwiriye kuza dufite umutima wicisha bugufi kandi wemera kwigishwa kugira ngo tubone ubumenyi bukomoka kuri NDIHO. Bitabaye bityo, abadayimoni bazahumisha ubwenge bwacu kandi banangire imitima yacu kugira ngo tudasobanukirwa ukuri.

Imigabane imwe yo mu Byanditswe abahanga benshi bayita amayobera, cyangwa bakavuga ko ari imburamumaro, nyamara ahubwo yuzuyemo amagambo y'ihumure n'inyigisho ku muntu wese wigiye mu ishuri rya Kristo. Impamvu imwe ituma abize iby'iyobokamana badasobanukirwa n'Ijambo ry'Imana, ni uko bafunga amaso yabo ngo batareba ukuri kandi badashaka kuzagukurikiza. Gusobanukirwa n'ukuri kwa Bibiliya ntibiterwa n'imbaraga z'ubwenge umuntu abikoranye, ahubwo biterwa n'umugambi bwite n'ubushake bwo gushakashaka gukiranuka.

Bibiliya ntikwiriye na rimwe kwigwa hatabayeho gusenga. Umwuka Muziranenge niwe wenyine ubasha kudutera kumva akamaro k'ibyo bintu bitaruhije gusobanuka, cyangwa akaturinda kugoreka ukuri tudasobanukiwe. Ni umurimo w'abamarayika bo mu ijuru gutegurira imitima gusobanukirwa n'Ijambo ry'Imana kugira ngo twumve tunejejwe n'ubwiza bwaryo, tumenye neza n'imiburo yaryo kandi tugakomezwa n'amasezerano yaryo. Iri sengesho ry'Umunyazaburi rikwiriye kuba iryacu natwe, "Hwejesha amaso yanjye kugira ngo ndebe ibitangaza byo mu mategeko yawe."[815]Kenshi ibishuko bisa nk'ibitari ibyo gutsindwa bitewe n'uko ugeragezwa yirengagiza gusenga no kwiga Bibiliya, maze ntiyitegure kwibuka amasezerano y'Imana no guhangana na Satani yitwaje intwaro zo mu Byanditswe.

Ariko abamarayika bahora hafi y'abashaka kwigishwa ibyo mu ijuru; kandi mu gihe bibaye ngombwa cyane bazabibutsa ukuri kose bazaba bakeneye. "Nuko rero, ubwo umwanzi azabatera ameze nk'umugezi uhurura cyane, Umwuka w'Uwiteka azabagota abarinde umubi. "[816]

Yesu yasezeraniye abigishwa be ati, "Ariko Umufasha ari we Mwuka Muziranenge, uwo Data azatuma mu izina ryanjye ni we uzabigisha byose, abibutse ibyo nababwiye byose. "[817] Ariko inyigisho za Yesu zikwiriye kubanza kubikwa mu ntekerezo kugira ngo Umwuka w'Imana azabashe kuzitwibutsa mu gihe cy'akaga. Dawidi yaravuze ati, "Nabikiye ijambo ryawe mu mutima wanjye, kugira ngo ntagucumuraho. "[818]

Abarangamiye ibizahoraho bakwiriye kwirinda ibibatera gushidikanya. Inkingi

815 Zaburi 119:18
816 Yesaya 59:19
817 Yohana 14:26
818 Zaburi 119:11

zishyigikiye ukuri nazo zizagotwa. Ntibyashoboka kuba aho udahura n'imvugo isesereza n'inyigisho ziyobya, zo gushidikanya n'ibyorezo byo muri iki gihe cy'ubuhemu. Satani afite ibishuko bya buri rwego rwose rw'abantu. Ategesha abatarize amashyengo cyangwa amazimwe, naho ku abize akabateza impaka mu bya siyansi n'intekerezo z'ubucurabwenge agamije gutuma Ibyanditswe Byera bitiringirwa cyangwa biteshwa agaciro. Ndetse no ku rubyiruko rudafite ubumenyi buhagije, abateramo gushidikanya ku byerekeye amahame shingiro ya Gikristo. Kandi ubwo buhemu bw'urubyiruko budafite ishingiro, bugira ingaruka. Benshi batangira kunenga kwizera kwa ba Sekuru no guheza Mwuka baherwa ubuntu. Benshi bari barasezeranye mu mibereho yabo kuzubaha Imana no kubera ab'isi imigisha, bagasigara bagengwa no gukiranirwa. Abiringira bose intekerezo zuzuyemo ubwibone bwa muntu kandi bakiyumvamo ko bashobora gusobanura ubwiru bw'Imana maze bakibwira ko bagera ku kuri batabikesha ubwenge mvajuru, bene abo bafatirwa mu mitego ya Satani.

Ubu turiho mu gihe gikomeye cy'amateka y'iyi si. Iherezo rya benshi riri hafi kugera. Imibereho yacu y'ahazaza ndetse n'agakiza k'abandi bantu bishingiye ku guhitamo kwacu kwa none. Dukeneye kuyoborwa na Mwuka w'ukuri. Uwizera Kristo wese akwiriye kwibaza atya ati, "Mana yanjye urashaka ko nakora iki ?" Dukeneye kwicishiriza bugufi imbere y'Uwiteka, twiyiriza ubusa kandi dusenga, kandi tukigana Ijambo ry'Imana umwete mwinshi, cyane cyane dutekereza ku bijyanye n'urubanza. Tugomba kugira umwete wo kugira ubumenyi bwimbitse mu by'Imana. Nta gihe na gito dufite cyo gupfusha ubusa. Ibyaduka bikomeye biratugose; turi mu gikingi Satani yishimira. Ntimuhunikire yemwe barinzi bashyizweho n'Imana; kuko umwanzi abasatiriye, ahora arekereje ngo igihe cyose mushobora gucika intege cyangwa muhunyiza, abagwe gitumo maze abahindure umuhigo we.

Benshi bashukwa no gutekereza uko bagaragara imbere y'Imana. Barishimagiza kuko badakora ibibi, ariko bakibagirwa kureba ibikorwa by'indashyikirwa n'ibyo ubugwaneza Imana ibasaba, nyamara bakaba barabyirengagije ntibabikore. Ntibihagije kuba ibiti byo mu murima w'Imana. Bagomba gukora icyo Imana ibatezeho ari byo kwera imbuto. Imana izababaza impamvu yatumye badakora ibyiza bashoboraga gukora babishobojwe n'ubuntu bwayo. Mu bitabo byo mu ijuru handitswemo ko ari ibiti by'imburamumaro birumbaraye mu murima. Nyamara, iby'iryo tsinda ry'abameze batyo ntibiragera aho biba akahebwe. Imana y'Inyarukundo iracyararika abo bose bahinyuye imbabazi zayo kandi bakirengagiza ubuntu bwayo muri aya magambo: "Usinziriye we, kanguka, uzuke, Kristo abone uko akumurikira, mucunguze uburyo umwete kuko iminsi ari mibi".[819]

Ubwo igihe cy'ishungura kizaba kigeze, abagize Ijambo ry'Imana umuyobozi w'ubugingo bwabo bazagaragara. Mu gihe cy'impeshyi, ntushobora gutandukanya ibiti bihorana ibibabi bitoshye n'ibindi biti; ariko iyo umuyaga w'urugaryi uhindukiye, ibiti by'amababi atoshye ntibihinduka; igihe ibindi byashizeho amababi. Uko niko n'abambaye ishusho y'ubukristo ntawashobora kubatandukanya n'abakristo nyakuri muri iki gihe, ariko igihe kiri hafi, itandukaniro rikagaragara. Mureke

819 Abefeso 5:14-16

impaka zibyuke, ubwaka no kutababarira byongere bihabwe umwanya, umuriro w'akarengane utangiye kugurumana; nibwo abafite kwizera kujegajega n'abakristo b'indyarya bazava mu byizerwa; ariko Umukristo nyakuri azahagarara ku rutare ashikamye, afite kwizera gukomeye, ibyiringiro bye bizarabagirana kurusha mu gihe cy'amahoro. Umunyazaburi yaravuze ati: "Kuko ibyo wahamije ari byo nibwira. Amategeko wigishije ampesha guhitamo, nicyo gituma nanga inzira z'ibinyoma. "[820]

"Hahirwa umuntu ubonye ubwenge n'umuntu wiyungura kujijuka". " Kuko azahwana n'igiti cyatewe hafi y'amazi gishorera imizi mu migezi, ntikizatinya amapfa nacana, ahubwo ikibabi cyacyo kizahorana itoto, ntikizita ku mwaka wacanyemo amapfa kandi ntikizareka kwera imbuto zacyo. "[821]

Igice cya 38
UMUBURO UHERUKA

"Hanyuma y'ibyo mbona Marayika wundi amanuka ava mu ijuru afite ubutware bukomeye isi imurikirwa n'ubwiza bwe. Arangurura ijwi rirenga ati; Iraguye, iraguye Babuloni ikomeye ! ihindutse icumbi ry'abadayimoni, aharindirwa imyuka mibi yose n'ibisiga byose bihumanya kandi byangwa. Numva irindi jwi rivugira mu ijuru riti: "Bwoko bwanjye, nimuwusohokemo kugira ngo mwe gufatanya n'ibyaha byawo, mwe guhabwa no ku byago byawo. "[822]

Iyi mirongo irerekeza ku gihe cyo kugwa kwa Babuloni nk'uko kwatangajwe na Marayika wa kabiri mu Byahishuwe 14 ku murongo wa 8, uko kugwa kwayo kugomba kongera gutangazwa kandi hakiyongeraho urudubi rw'ibibi byose biboneka mu matinda anyuranye agize Babuloni, uhereye igihe ubwo butumwa bwatangarijwe bwa mbere mu mpeshyi y'umwaka w'1844. Aha herekana ishusho iteye ubwoba y'idini mu isi. Uko abantu bakomeza kwanga ukuri, niko n'ubwenge bwabo burushaho gucura umwijima, imitima yabo ikinangira kugeza ubwo bahinduka akahebwe. Uko basuzugura amagambo y'imbuzi Imana yabatumyeho, niko bazakomeza gusiribanga rimwe mu mabwiriza yayo yerekeranye n'amategeko icumi yayo, kugeza n'igihe barenganyirije abayakomeza. Kristo yahinduwe ubusa kubwo gusuzugura Ijambo rye n'ubwoko bwe. Kubwo kwakira inyigisho z'iby'imyuka y'abadayimoni, amatorero yiyambuye ibyabazitiraga mu by'idini, maze kwizera mu by'idini bihinduka umwitero wo gutwikiriza gukiranirwa kwabo. Kwizera ibyo imyuka mibi byakinguriye imyuka iyobya n'inyigisho z'abadayimoni, nicyo gituma abamarayika babi baziganza mu matorero.

Muri icyo gihe cyo gusohozwa k'ubuhanuzi kuri Babuloni hazavugwa aya magambo: "Kuko ibyaha byawo byarundanyijwe bikagera mu ijuru", kandi Imana yibutse gukiranirwa kwawo."[823] Babuloni yageze ku rugero rwo gukiranirwa kwayo,

820 Zaburi 119:99,104
821 Imigani 3;13; Yeremiya 17:8
822 Ibyahishuwe 18:1,2,4
823 Ibyahishuwe 18:5

none kurimbuka kwayo kuregereje. Nyamara kandi, Imana iracyafite ubwoko bwayo bukiri muri Babuloni; mbere y'uko Babuloni icirwaho iteka, indahemuka z'Imana zikiyiri muri Babuloni zizahamagarirwa kuyisohokamo kugira ngo zidafatanya nayo mu bibi byayo, maze bigatuma basangira no ku byago byayo. Aho niho hazumvikana umuburo ushushanywa na marayika umanuka avuye mu ijuru, isi yose ikarabagiranishwa n'ubwiza bwe, maze mu ijwi rirenga kandi rikomeye agashyira ku mugaragaro ibyaha bya Babuloni. Ubwo butumwa bwumvikanye mu irarika rigira riti: "Bwoko bwanjye nimuwusohokemo". Ayo matangazo arasongera ubutumwa bwa Marayika wa gatatu gufatanyiriza hamwe kuburira buheruka abatuye isi.

Isi igiye kuzagera mu gihe cy'akaga gateye ubwoba. Amahanga yose yo ku isi yifatanyirije hamwe kurwanya amategeko y'Imana, azatanga itegeko ry'uko abantu bose, "abakomeye n'aboroheje, abakire n'abakene, imbata n'ab'umudendezo", bazagendera ku migenzo y'itorero yo kuruhuka ku Isabato y'ikinyoma. Abatazumvira iryo tegeko bazanwa n'ubutegetsi, hanyuma bacirwe urubanza rwo gupfa. Ku rundi ruhande, itegeko ry'Imana ryerekeye umunsi w'ikiruhuko Umuremyi yashyizeho, ugomba gukurikizwa kandi ukerekana umujinya w'Imana uri kubagomera amategeko yayo.

Ikibazo gishingiye aha, umuntu wese ukandagira itegeko ry'Imana abikoreye kugira ngo yumvire amategeko y'abantu, bizaba bihwanye no kwakira ikimenyetso cy'inyamaswa; azaba yemeye kwifatanya n'ubundi bubasha yihitiyemo aho kumvira Imana. Umuburo uturutse mu ijuru ni uyu ngo: "Umuntu wese uramya cya gikoko n'ishusho yacyo, agashyirwa ikimenyetso cyacyo mu ruhanga cyangwa mu kiganza, azanywa ku nzoga idafunguye ari yo burakari bw'Imana, yasutse mu gikombe cy'umujinya wayo."[824]

Nyamara nta n'umwe uzagerwaho n'umujinya w'Imana keretse igihe azaba amaze kubona amahirwe yo kumenya ukuri mu ntekerezo no mu bwenge bwe, maze akakwanga. Hari abantu benshi batarigera babona amahirwe yo kumva ukuri kudasanzwe ko muri iki gihe. Ntibigeze bahabwa umucyo w'ukuri ku ihame ryo gukomeza itegeko rya kane. Usoma imitima kandi akarondora intekerezo zose ntazarekera mu buyobe umuntu wese wifuza kumenya ukuri ku byerekeye intambara ikomeye. Itegeko ryo kuruhuka ku munsi muhimbano ntawe rizatungura. Umuntu wese azahabwa umucyo uhagije kugira ngo abashe kwifatira icyemezo ubwe adahubutse.

Isabato izaba ikigeragezo gikomeye cyo kumvira, kuko ari yo shingiro nyakuri ry'intambara ikomeye. Ubwo ikigeragezo giheruka kizagera ku bantu, nibwo hazabaho itandukaniro hagati y'abakorera Imana n'abatayikorera. Ubwo kuruhuka ku Isabato y'ikinyoma mu rwego rwo gukurikiza itegeko rya leta, binyuranyije n'itegeko rya kane, bikazaba ari indahiro yo kuyoboka ububasha burwanya itegeko ry'Imana, kuruhuka ku Isabato y'ukuri mu rwego rwo gukomeza amategeko y'Imana, ni igihamya cyo kumvira Umuremyi. Igihe inteko imwe y'abantu yemeye ikimenyetso cyo kumvira ubutegetsi bw'isi, izahabwa ikimenyetso cy'inyamaswa, indi nteko y'abantu bahisemo impano yo kuyoboka ubutegetsi bwo mu ijuru ishyirweho

824 Ibyahishuwe 14:9,10

ikimenyetso cy'Imana.

Kugeza n'ubu, ababwiriza ukuri k'ubutumwa bwa marayika wa gatatu bakomeje gufatwa nk'abaca ibikuba basanzwe. Ubuhanuzi bwabo buvuga ko hari igihe Leta Zunze Ubumwe za Amerika zizabangamira umudendezo mu by'idini, Leta n'itorero byifatanyirize hamwe kurenganya abakomeza amategeko y'Imana, maze ubwo butumwa buhindurwa nk'ubudafite ishingiro n'ubudafite agaciro. Byakomeje kuvugwa ko nta na rimwe icyo gihugu kizigera gihakana uko cyahoze kuva kera, ko kizakomeza kuba ku isonga ryo guharanira umudendezo mu by'idini. Ariko igihe itegeko ryo guhatira abantu kuruhuka ku munsi wa mbere w'icyumweru (Dimanche) rizahungabanya ahantu hose, ibyo abantu benshi bashidikanyije igihe kirekire kandi bakanga kubyizera bizaba nk'ibibasatiriye, maze ubuhanuzi bwo mu butumwa bwa Marayika wa gatatu bugire ingaruka butigeze bugira mbere hose.

Igihe cyose Imana yagiye ituma abagaragu bayo kwamagana icyaha mu batuye isi ndetse no mu itorero. Ariko abantu bifuza kumva ibinogeye amatwi, maze ntibishimire kumva ukuri kutabashyeshyenga. Abagorozi benshi mu itangira ry'umurimo wabo, bafashe icyemezo cyo kujya bitonda mu gihe bamagana icyaha mu itorero no mu gihugu. Bizeraga ko baramutse bagendeye ku cyitegererezo cy'imibereho nyakuri ya Gikristo, babasha kugarura abantu ku mahame ya Bibiliya. Ariko Mwuka w'Imana yabazagaho nk'uko yazaga kuri Eliya akamuha imbaraga zo gucyaha ibyaha by'Umwami w'umugome n'iby'ubwoko bwari bwaragiye mu buhakanyi; ntibashobora kwibuza kubwiriza ibyo Bibiliya ivuga ku mugaragaro, aribyo mahame bari baratinye kugaragaza. Bumvaga bahatirwa kubwiriza ukuri bafite umwete mwinshi no kwerurira abanyabyaha ko hari akaga kabategereje. Ubutumwa bahabwaga n'Uwiteka babuvuganaga ubutwari badatinya ingaruka zizabageraho, maze abantu benshi bagakoranyirizwa kumva uwo muburo.

Uko niko Ubutumwa bwa Marayika wa gatatu buzamamazwa. Ubwo igihe kizagera ubwo butumwa bubwirizwa mu mbaraga ikomeye, Uwiteka azakorera mu bikoresho byiyoroheje, kugira ngo bifashe imitima y'aberejwe gukora umurimo we. Abakozi bakwiriye uwo murimo ni abazarobanurwa binyuze mu gucuncumurirwaho Mwuka Muziranenge aho kuba ababitorejwe mu mashuri. Abantu bafite kwizera kandi bahora basenga, bazumva bahatirwa n'umwete mwishi kujya kwamamaza ayo magambo bahawe n'Imana. Ibyaha bya Babuloni bizashyirwa ahagaragara. Ingaruka ziteye ubwoba z'amategeko ya leta ahatira itorero kunyuranya n'ubushake bw'Imana, ikwirakwizwa rwihishwa ry'inyigisho z'imyuka iyobya, imbaraga z'ubupapa zikomeza gukora bucece - byose bizatwikururwa bishyirwe ku mugaragaro. Kubera iyi miburo ikomeye, abantu bose bazakangarana. Abantu ibihumbi n'ibihumbi batigeze bumva ubutumwa nk'ubu bazabutegera amatwi. Bazumirwa bumvise ubuhamya buvuga ko Babuloni ari itorero ryaguye, kubera ibicumuro n'ibyaha byayo no kubwo kwanga ukuri yahawe gukomotse mu ijuru. Ubwo nibwo abantu bazasanga abayobozi babo bafite ishyushyu ryo kubasobanuza bati: Ese ibi bintu ni ukuri ? Ababwiriza babo bazabasubirisha amagambo y'amahimbano nk'uko babamenyereje, babashukashukishe ibibanezeza kugira ngo baturishe imitima yabo izaba ifite ubwoba kandi bagushe neza intekerezo zabo zibahagurukiye. Nyamara guhera ubwo benshi bazanga kunyurwa n'ayo mabwiriza yashyizweho n'umuntu , ba babasabe ubusobanuro ku mugaragaro niba ibyo

bababwira bihwanye n'iri jambo ngo "Niko Uwiteka avuga"? Abo bayobozi b'idini bameze nk'Abafarisayo ba kera, bazafatwa n'uburakari bwinshi, kuko ubuyobozi bwabo buzaba bumaze gukemangwa, bavuge ko ubwo butumwa bukomotse kuri Satani, maze bahagurukirize imbaga y'abantu bahindutse isenga y'ibyaha gutoteza no kurenganya abamamaza ubwo butumwa

Ubwo intambara hagati y'icyiza n'ikibi izajya irushaho gufata indi ntera kandi intekerezo z'abantu zikararikirwa guhugukira amategeko y'Imana yasiribanzwe, Satani azahaguruka bwangu. Imbaraga izaba iri muri ubwo butumwa izasaza ababurwanya cyane. Abayobozi b'amadini bazakoresha imbaraga zidasanzwe ngo bazimye umucyo w'ubutumwa utarasira ku bayoboke babo. Bazakoresha uburyo bwose kugira ngo baburizemo impaka z'ibyo bibazo by'ingenzi. Itorero rizitabaza ukuboko gukomeye k'ubuyobozi bwa leta, kandi muri uwo murimo, ubupapa n'ubuporotesitanti buzifatanya. Ubwo itegeko ryo guhatira abantu kuruhuka ku munsi w'Icyumweru rizakaza umurego kandi rigafatirwa umwanzuro, iryo tegeko rizifashishwa mu kurwanya abakomeza amategeko y'Imana. Bazacibwa ibihano banashyirwe mu nzu y'imbohe, ndetse bamwe bazagaruzwa guhabwa imirimo y'icyubahiro, abandi bahabwe ingororano n'andi mashimwe kugira ngo babakure ku kwizera kwabo. Ariko igisubizo cyabo cya mbere kizaba kikiri iki ngo: "Nimutwereke mu ijambo ry'Imana ikosa turegwa nk'uko Luther yashubije ubwo yasabwaga kwiregura. Abajyanywe mu nkiko bahagarariye ukuri, kandi bamwe mu babumvise byabateye gufata icyemezo cyo gukomeza amategeko y'Imana. Nguko uko umucyo uzarasira ibihumbi byinshi by'abantu batari kuzigera bamenya ukuri.

Kwizera Ijambo ry'Imana ukiranuka bizafatwa nko kwigomeka. Kubwo guhumishwa na Satani, ababyeyi bazafata nabi abana babo kandi babagirire nabi kuko bizera Imana; ba shebuja cyangwa ba nyirabuja bazatwaza igitugu abagaragu babo bakomeza amategeko y'Imana. Urukundo ruzahenebera; abana bazimwa umunani wabo, kandi bacibwe mu ngo z'ababyeyi babo. Amagambo y'intumwa Pawulo azasohora uko yakabaye: " Icyakora n'ubundi, abashaka kujya bubaha Imana bose bari muri Kristo Yesu, bazarenganywa."[825] Ubwo abizera ukuri ko mu Ijambo ry'Imana bazaba bahakanye kubahiriza itegeko ry'Icyumweru cyahimbwe Isabato, bamwe muri bo bazarohwa muri gereza, abandi bazoherwa kure y'iwabo, abandi bazagirwa inkoreragahato. Ukurikije ubwenge bwa muntu, ibyo bisa nk'ibitashoboka ubu; ariko uko Umwuka w'Imana azagenda akurwa mu bantu, bagasigara bayoborwa na Satani wanga amategeko y'Imana, hazabaho guhinduka gutangaje. Umutima ushobora kuzura ubugome bw'indengakamere igihe kubaha Imana n'urukundo bitakiwurangwamo.

Ubwo umugaru uteye ubwoba uzaba wegereje, inteko nini y'abantu bavugaga ubwabo ko bizera ubutumwa bwa Marayika wa gatatu, ariko bakaba batarejejwe binyuze mu kumvira ukuri, bazava ku kejo maze bifatanye n'abarwanya ubwo butumwa. Ubwo bazifatanya n'ab'isi kandi bagahuza na bo imigambi, bazaba babona ibintu kimwe; maze ubwo ikigeragezo kizabageraho, bazaba biteguye guhitamo ikiboroheye, aricyo ruhande rurimo benshi. Abantu bafite impano ndetse bazi kuvuga neza, bahoze bishimira ukuri, bazakoresha izo mpano zabo mu gushuka

825 2 Timoteyo 3:12

no kuyobya abantu benshi. Bazahinduka abanzi bakomeye b'abo bizeraga kimwe, Ubwo abakomeza Isabato bazajyanwa mu nkiko gusobanura kwizera kwabo, abo bahakanyi bavuye mu itorero nibo bazaba ari inkoramutima za Satani zizabarega kandi zikabashinja, zikoresheje amagambo y'ibinyoma no kubashyashyariza kugira ngo babateze abayobozi.

Muri icyo gihe cy'akarengane, kwizera kw'abagaragu b'Imana kuzageragezwa bikomeye. Bazaba baratanze umuburo bakiranutse, biringiye Imana n'Ijambo ryayo gusa. Umwuka w'Imana wayoboraga imitima yabo niwe uzabahatira gutanga ubwo buhamya. Babibashishijwe n'umwete n'imbaraga mvajuru bizaba bibakoresha, bazasohoza inshingano yo kuvuga ubutumwa Imana yabahereye gutangariza abantu, batiriwe batekereza ku ngaruka zabyo. Ntabwo bazatekereza ku nyungu zabo zishira cyangwa ngo bite ku cyubahiro, cyangwa ku magara yabo. Nanone ubwo ishuheri yo kubarwanya n'agasuzuguro bizabageraho, bamwe kubwo kuzurwa n'agahinda, bihebe, bitegure kuvuga cyane bati: "Iyo tuba twaramenye ingaruka z'amagambo yacu, tuba twaricecekeye." Bazaba bagoswe n'amakuba impande zose. Satani azabateza ibigeragezo bikaze cyane. Umurimo bazaba barakoze uzagaragara ko wari urenze ubushobozi bwabo. Bazakangishwa gutsembwaho burundu. Ishyaka ryabateraga gukora rizayoyoka; nyamara kandi, ntibazasubira inyuma na hato. Nuko nibumva nta handi bategereje ubufasha, bazahungira k'Ushobora byose ngo abongerere imbaraga. Bazibuka ko amagambo bavuze atari ayabo, ahubwo ko yari ay'Uwabasabye gutanga umuburo. Imana yabashyize ukuri mu mitima yabo kandi ntibashobora guhangara kutabutangaza.

Ibigeragezo nk'ibyo byageze ku bantu b'Imana no mu myaka yashize. Wycliffe, Huss, Luther, Tyndale, Baxter, Wesley, basabye ko inyigisho zose zigenzurishwa Bibiliya kandi bahamya ko biteguye kureka ikintu cyose Bibiliya iciraho iteka. Abarwanyaga abo bagabo babyumvise bazabiranywa n'uburakari bwaka nk'umuriro; ariko abandi ntibigeze batinya kwatura ukuri kw'ibyo bizera. Mu bihe binyuranye byaranze amateka y'itorero, igihe cyose cyagiye kirangwa n'ukuri kwacyo kwihariye, gukwiranye n'abantu b'Imana babaga bariho muri icyo gihe. Buri kuri gushya kwagiye kugira abakwanga n'abakurwanya; ababaga bagize umugisha wo kurasirwa n'umucyo w'ukuri bagezemo, barageragezwa kandi bagategwa imitego. Imana itanga ukuri kwihariye ko gutabara ubwoko bwayo. Ninde wahangara kwanga kubutangaza? Imana itegeka abagaragu bayo gutanga irarika riheruka ry'imbabazi zayo ifitiye abari ku isi. Ntibashobora gukomeza guceceka mu gihe imitima irimbukira mu byaha. Intumwa za Kristo ntizizita ku ngaruka zizabageraho. Bagomba gusohoza inshingano yabo, ibisigaye bakabiharira Imana.

Ubwo abanzi b'iby'ukuri bazaba bakomeje gukaza umurego, abagaragu b'Imana bazahagarika umutima; kuko bizaba bimeze nk'aho aribo bateje ako kaga. Ariko umutimanama wabo n'Ijambo ry'Imana bizababahamiriza ko mu byo bakora nta kosa ririmo; kandi n'ubwo ibigeragezo bizaba bigikomeje,bazahabwa imbaraga yo kubyihanganira. Imvururu zizakomeza kwiyongera no gukara cyane, ariko kwizera n'ubutwari by'abubaha Imana bizarushaho gukura. Ubuhamya bwabo buzaba ari ubu ngo: " Ntitwahangara kugoreka Ijambo ry'Imana, ntitwabasha kugabanya ku mategeko yayo yera; ngo twigishe ko hari umugabane umwe w'ingenzi, hakaba n'uwundi udafite agaciro kugira ngo dukunde twemerwe n'ab'isi". Imana yacu

dukorera, ibasha kudukiza. Yesu yatsinze abatware bo mu isi; none ni kuki twatinya iyi si, kandi yaramaze gutsindwa?

Uko akarengane kaba kameze kose, ni ingaruka z'ihame rizakomeza kubaho mu gihe cyose Satani azaba akiriho n'igihe cyose ubukristo buzaba bugifite imbaraga ikomeye. Nta muntu ushobora gukorera Imana atabanje ubwe kwishyirisha ku rutonde rw'ingabo zihanganye n'ubutware bw'umwijima. Abamarayika babi bazamugabaho igitero, bahurujwe n'uko avuvunuye umunyago mu biganza byabo. Abantu babi bashinjwa n'icyitegererezo cye, bazunga ubumwe n'ingabo za Satani, bamusukeho ibigeragezo kugira ngo bamutandukanye n'Imana. Ibyo nibitabahira, bazakoresha imbaraga zo kumutinyisha ngo anyuranye n'umutimanama we.

Ariko igihe cyose Yesu akiri mu buturo bwo mu ijuru asabira umuntu, ijwi ry'Umwuka Muziranenge riracyumvikana mu mitima y'abayobozi na rubanda. Riracyanakorera no mu mategeko ya Leta. Iyo bitaza guterwa n'ayo mategeko, isi yacu yajyaga guhinduka amacuho kuruta uko imeze ubu. N'ubwo benshi mu bategetsi bacu muri iki gihe ari abakozi batiganda ba Satani, Imana nayo ifite abakozi bayo mu bayobozi b'ibihugu. Umwanzi ashishikariza abakozi be ngo bashake uburyo bwose bwagwabiza umurimo w'Imana; ariko abayobozi b'ibihugu bubaha Imana, bakoreshejwe n'abamarayika baziranenge bazaburizamo imigambi y'abo bantu babi, batarinze kujya impaka. Nuko rero, abantu bake gusa bazifatanya n'imbaraga z'umwanzi. Intambara y'abanzi b'iby'ukuri izahosha kugira ngo ubutumwa bwa Marayika wa gatatu bukore umurimo wabwo. Ubwo umuburo uheruka uzatangwa, ijwi ryawo rizagera mu matwi y'abategetsi b'isi bazaba bakorera Imana batabizi, maze bamwe bo muri bo bakire uwo muburo bahereko bifatanye n'abantu b'Imana muri icyo gihe cy'akaga.

Umumarayika uzafasha mu kwamamaza ubutumwa bwa Marayika wa gatatu, azamurikishiriza isi yose ubwiza bwe. Uwo niwo murimo udasanzwe wavuzwe ko uzakwira isi yose. Itsinda ry'abadiventisiti ryo mu myaka ya 1840 – 1844 ryabaye ukwigaragaza gukomeye kw'imbaraga z'Imana; ubutumwa bwa Marayika wa mbere bwabwirijwe mu isi n'abakorerabushake, kandi mu bihugu bimwe na bimwe habaye gukura mu by'idini, aribyo byagaragajwe n'ivugurura rikomeye ahantu hose uhereye mu kinyejana cya cumi na gatandatu, ariko umusozo wabyo ugomba kuba itsinda rikomeye rifite umuburo w'ubutumwa bwa Marayika wa gatatu.

Uwo murimo uzaba umeze nk'uwo ku munsi wa Pentekote. Nk'uko "imvura y'umuhindo" yatanzwe, igihe Mwuka Muziranenge yasukwaga mu itangira ry'ubutumwa bwiza, kugira ngo imbuto z'igiciro zabibwe zikure, ni nako no ku iherezo, imvura y'umuhindo izatangwa kugira ngo yeze imbuto zigiye gusarurwa. "Dushishikarire kumenya, tugire umwete wo kumenya Uwiteka: azatunguka nk'umuseke utambika nta kabuza, azatuzaho ameze nk'imvura, nk'imvura y'itumba isomya ubutaka. " "Noneho munezerwe bantu b'i Siyoni mwe, mwishimire Uwiteka Imana yanyu, kuko ibahaye imvura y'umuhindo ku rugero rukwiriye, kandi ibavubiye imvura y'umuhindo n'iy'itumba nk'ubwa mbere. " " Imana iravuga iti: Mu minsi y'imperuka, nzasuka Mwuka wanjye ku bantu bose. " "Icyo gihe umuntu wese uzatakambira Uwiteka azakizwa. "[826]

826 Hoseya 6:3, Yoweli 2:23, Ibyakozwe n'Intumwa 2:17,,21

Umurimo ukomeye wo kwamamaza ubutumwa bwiza uzarangizanywa imbaraga zikomeye nk'izawutangije. Ubuhanuzi bwasohojwe mu isukwa ry'imvura y'umuhindo mu itangira ry'umurimo w'ubutumwa bwiza, buzongera gusohora ku iherezo ryabwo mu gihe cyo gusukwa kw'imvura y'itumba. Ibi nibyo bihe byo guhemburwa, Intumwa Petero yayerekezagaho ubwo yavugaga ati: " Nuko mwihane muhindukire, ibyaha byanyu bihanagurwe ngo iminsi yo guhemburwa ibone uko iza ituruka ku Mwami Imana, itume mwohererezwa Yesu ari we Kristo wabatoranyirijwe uhereye kera. "[827]

Abagaragu b'Imana bazaba bafite mu maso harabagirana kuko berejwe gukora umurimo muziranenge, bazaba banyuranamo hirya no hino bafite umwete mwinshi wo batangariza abantu bose ubutumwa mvajuru. Amajwi y'abantu ibihumbi byinshi azaba arangirira ku isi atanga umuburo uheruka. Ibitangaza bizakorwa, abarwayi bakizwe kandi ibimenyetso n'ibitangaza bizagaragarira abizera. Icyo gihe Satani nawe ariko, azakora ibitangaza biyobya, ndetse azamanura umuriro mu ijuru imbere y'amaso y'abantu. Icyo gihe abatuye ku isi bose, bazaba bagomba kugira uruhande bahereramo.

Ubu butumwa ntibuzarangizwa n'amagambo menshi y'impaka ahubwo buzarangizwa no kunyurwa kubwo kwemezwa na Mwuka w'Imana. Ibibazo bizaba byararangiye. Imbuto zizaba zarabibwe, ubwo zizaba zitangiye gukura no kwera imbuto . Ibitabo byatanzwe n'ababwiriza butumwa b'abanyamwete bizaba byarigaruriye imitima myinshi, nyamara imitima myinsi yanyuzwe nabwo izaba yarabujijwe gusobanukirwa n'ukuri cyangwa kukugenderemo. Noneho imirasire y'umucyo w'ubutumwa bwiza izarasira ahantu hose, maze ukuri kose kumenyekane, abana b'Imana b'indahemuka bacagagure ingoyi zari zarababoshye. Amasano y'imiryango, n'amatorero yabo ntibizaba bigifite imbaraga zo kubaherana. Ukuri kurusha agaciro ibindi byose. N'ubwo hazaba imbaraga zikomeye zirwanya ukuri, umubare munini uzamasha guhagarara mu ruhande rw'Imana.

IGICE CYA 39
IGIHE CY'AMAKUBA

"Icyo gihe kizaba ari igihe cy'amakuba kitigeze kubaho mu bwoko bwawe. Ariko Mikayeli umutware w'abamarayika, akaba n'umurinzi w'ubwoko bwawe azahagoboka. Nuko buri wese wo mu bwoko bwawe wanditswe mu gitabo cy'Imana azarokoka."[828]

Igihe ubutumwa bwa Marayika wa gatatu buzaba burangije umurimo wabwo,

827 Ibyakozwe n'Intumwa 3:19,20
828 Daniyeli 12:1

imbabazi zizaba zikuwe ku banyabyaha bo mu isi bacumuye. Ubwoko bw'Imana buzaba bushohoje umurimo wabwo. Buzaba bwarakiriye "imvura y'itumba," ari byo "guhemburwa guturutse ku Mwami Imana", kandi bwiteguye rwose guhangana n'ibigeragezo bibutegereje. Abamarayika bazaba banyuranamo bava mu ijuru abandi basubirayo. Marayika wari waratumwe mu isi azagaruka atangaza ko umurimo yari yarahawe awurangije; ko ishungura riheruka ryamaze kugera ku isi, maze abagaragaje ko ari indahemuka ku mabwiriza y'ijuru bose bashyizweho "ikimenyetso cy'Imana nzima." "Nuko Yesu arangize umurimo we wo gusabira abanyabyaha imbabazi mu buturo bwo mu Ijuru. Azamure ibiganza, avuge n'ijwi rirenga ati: "Birarangiye;" maze abamarayika baziranenge bose barambike amakamba yabo hasi ubwo Yesu azatangaza ku mugaragaro ati: "Inkozi y'ibibi yose nigumye ikore ibibi, n'uwanduye umutima agumye yandure, naho intungane igumye ikore ibitunganye, n'umuziranenge agumye abe umuziranenge."[829] Buri wese azaba yamaze guhitamo ubugingo cyangwa urupfu. Kristo yarangije guhongerera ubwoko bwe, maze akabezaho ibyaha byabo. Umubare w'abantu be wamaze kuzura; "ubwami, ubutware no gukomera k'ubwami byose biri munsi y'ijuru, biri hafi kwegurirwa abazaragwa agakiza, kandi Yesu akaba Umwami w'abami n'Umutware w'abatware.

Yesu agisohoka mu buturo bwera, abatuye ku isi bose batwikirwa n'umwijima. Muri icyo gihe giteye ubwoba, intungane zigomba kuba imbere y'Imana ikiranuka hatakiriho umuhuza. Ibyaberaga abanyabyaha inzitizi bizaba byakuweho, kandi Satani wenyine ariwe usigaye agenga imibereho y'abanze kwihana bose. Kwihangana guhoraho kw'Imana noneho kuzaba kwarangiye. Abo mu isi bazaba baranze imbabazi z'Imana, bahinyura urukundo rwayo, kandi basiribanga amategeko yayo. Abagome bazaba barenze urubibi rwo kwihanganirwa; Umwuka w'Imana banze kumvira, ku iherezo abakurwemo. Ubwo bazaba batamuruweho ubuntu bw'Imana, ntacyo bazaba bafite kibakingira umugome. Satani azaroha abatuye isi mu makuba aheruka akomeye cyane. Ubwo abamarayika b'Imana bazarekura imiyaga iteye ubwoba y'ibyo abantu bararikiye, ibibi byose bizasandara ku isi yose. Isi yose izajya mu irimbukiro riteye ubwoba kuruta iryabaye kuri Yerusalemu ya kera.

Umumarayika umwe gusa yatsembye abana b'imfura bose b'Abanyayegiputa maze igihugu cyose gicura umuburogo. Igihe Dawidi yacumuraga ku Mana, abarura ubwoko bwayo, Umumarayika umwe gusa yaje gutanga igihano cy'icyo cyaha habaho kurimbura guteye ubwoba. Imbaraga nk'iyo irimbura yakoreshejwe n' Abamarayika bera igihe Imana yabaga ibategetse, ni nayo izakoreshwa n'Abamarayika babi, igihe Imana izaba ibyemeye. Ubu hariho imbaraga ziteguye, zitegereje ko ijuru ritanga uburenganzira, maze zigasuka ibyago ahantu hose.

Abubahiriza amategeko y'Imana bazaregwa ko ari bo bazaniye isi kurimbuka, kandi bafatwe nk'aho ari bo batumye ibyaremwe byangirika bikomeye, maze hakabaho impagarara, kwicana mu bantu bikaba byoretse isi. Imbaraga y'umuburo uheruka izabyutsa uburakari bw'ababi bwake nk'umuriro; umujinya wabo uzahagurukirizwa abakiriye ubutumwa bwiza, maze Satani abonereho kubyutsa

829 Ibyahishuwe 22:11

umwuka w'inzangano n'akarengane mu bantu.

Igihe Imana yavaga ku ishyanga ry'Abayuda, abatambyi na rubanda ntibabimenye. Nubwo bari bari mu butware bwa Satani, babaswe n'ibyo bararikiye biteye ubwoba, nyamara bo bagikomeje kwibona nk'abatoranyijwe n'Imana. Bakomeje imirimo yabo yakorwaga mu buturo buziranenge; ibitambo bigatambirwa ku ntambiro zihumanyijwe, kandi uko bukeye n'uko bwije, imigisha mvajuru igasabirwa ubwoko buriho urubanza rw'amaraso y'Umwana w'ikinege w'Imana, ari nako bashaka kwica intumwa n'abigishwa be. Nuko rero, ubwo umwanzuro ntakuka wo mu buturo buziranenge uzatangazwa, maze isi yose igatangarizwa icyo yagenewe bidasubirwaho, abatuye isi ntibazabimenya. Amadini azakomeza kubabwamo n'abantu bamaze gukurwaho Mwuka w'Imana; kandi umuhati wa Satani, uwo umutware w'abadayimoni azabashyiramo kugira ngo basohoze imigambi ye y'ubuhendanyi, uzakomeza gukoreshwa nk'aho bakorera Imana.

Ubwo Isabato izaba ibaye intandaro idasanzwe y'urugamba rwa Gikiristo, maze amadini n'ubutegetsi bw'isi bikifatanyiriza hamwe guhatira abantu kuruhuka ku munsi wa mbere w'icyumweru (Dimanche), umubare muto wabazinangira bakanga gukurikiza ibyo rubanda nyamwinshi ibategeka, bazahindurwa ibishungero mu isi. Hazategekwa ko izo nkehwe zihangara kurwanya itegeko ryashyizweho n'itorero na Leta, zidakwiriye kwihanganirwa; ko ahubwo ibyarushaho kuba byiza ari uko bababazwa kuruta ko isi yose ijya mu rujijo no kudakomeza amategeko.

Mu myaka isaga ibihumbi bibiri ishize, ikirego nk'icyo cyashyizwe kuri Kristo ashinjwa "n'abatware ba rubanda." Kayafa aravuga ati: " Mbese ntimutekereza ko ari byiza ku bwacu, ko umuntu umwe yapfira abantu kuruta ko ubwoko bwose bwarimbuka?"[830] Icyo kirego nanone kizaba nk'igisoza; iteka rizacirwa abaziririza Isabato y'itegeko rya kane, rihamya ko bakwiriye igihano kirusha ibindi kuba kibi, maze bagaha abaturage uburenganzira ko nyuma y'igihe runaka, bazabica. Ubugatolika bwo mu gihe cyashize, n'Ubuporotesitanti bwahakanye muri iki gihe cya none, bizihuza kugira ngo bigirire nabi abakurikiza amategeko yose y'Imana.

Ubwo nibwo ubwoko bw'Imana buzashyirwa mu mibabaro n'impagarara byavuzwe n'umuhanuzi ko ari "igihe cy'umubabaro wa Yakobo." Uku niko Uwiteka avuga ati:"Twumvise ijwi rizanywe n'umushyitsi n'ubwoba, si iry'amahoro. Amaso yose arasuherewe. Ayii, uwo munsi urakomeye nta wundi umeze nka wo ! Ni igihe cy'umubabaro wa Yakobo ariko azakirokoka. "[831]

Ijoro Yakobo yagiriyemo ishavu ubwo yagundaguranaga kandi asenga Imana ngo imukize amaboko ya Esawu, rigereranya uko abantu b'Imana bazaba bameze mu gihe cy'amakuba aheruka. Kubera ubuhendanyi yagize kugira ngo yibonere imigisha ya Se yari yaragenewe Esawu, Yakobo yarahunze ngo akize amagara ye, atewe impungenge n'uko yakwicwa na mwene se. Nyuma y'imyaka myinshi yamaze mu buhungiro, ku itegeko ry'Imana yaratahutse, aherekejwe n'abagore be, abana be, amashyo n'imikumbi, abashumba, abagaragu n'abaja, agaruka mu gihugu cyabo cya kavukire. Ageze ku rugabano rw'igihugu cyabo, Yakobo yatewe ubwoba n'uko Esawu yiteguye kuza kumusanganira ari kumwe n'ingabo zitwaje intwaro,

830 Yohana 11:50
831 Yeremiya 30:5-7

Yakobo akeka ko Esawu aje kwihorera. Yakobo yari kumwe n'abantu badafite intwaro, batagira gitabara, biteguye gusa kugirirwa no kwicwa. Kandi ku umutwaro w'ubwoba n'amaganya byamutsikaga, hiyongereyeho kwishinja kubera icyaha cye bwite, kuko aricyo cyari kigiye guteza ako kaga. Ibyiringiro bye byari mu kugirirwa neza n'Imana gusa; , intwaro yonyine yari afite yari amasengesho. Ku rwe ruhande, nta cyo Yakobo atari yakoze cyo guhongerera icyaha yakoreye mwene se kugira ngo abone uko asakirana n'akaga yari agezemo. Iyaba n'abizera Kristo, bakoraga uko bashoboye kose, bakaba mu mucyo nyakuri imbere ya rubanda, ubwo begereje igihe cy'amakuba, kugira ngo bakome mu nkokora ibibaca intege, kandi bakome imbere akaga ko guhungabanya umudendezo w'umutimanama.

Yakobo amaze kohereza ab'umuryango we kugira ngo bataza gutahura umubabaro we, asigara wenyine atakambira Imana. Yicuza icyaha yakoze kandi ashimira Imana imbabazi imugiriye kandi yicishije bugufi, asaba gusohorezwa isezerano Imana yasezeraniye ba Sekuruza n'ayo Imana yamusezeraniye ubwe mu iyerekwa n'ijoro ubwo yari ageze i Beteli ndetse n'igihe yari mu gihugu yahungiyemo.Yari ageze mu ngorane mu mibereho ye; yari ageze ahakomeye. Mu mwijima ari wenyine, akomeza gusenga kandi yicishije bugufi imbere y'Imana. Ako kanya yumva ikiganza kimufashe ku rutugu. Yibwira ko ari umwanzi uhiga ubugingo bwe, maze mu mbaraga z'ubwihebe yari asigaranye akirana n'uwo muntu. Mu rukerera, wa mushyitsi yerekana imbaraga ze zirenze iza muntu; akora ku nyonga y'itako wa munyambaraga ararabirana, yikubita hasi, atagira kirengera, abogoza amarira yinginga uwo bari bahanganye amufashe ku gikanu. Yakobo amenya ko ari Marayika w'isezerano bari bahanganye. Nubwo yacumbagiraga kandi afite uburibwe bukabije, Yakobo ntiyatezutse ku mu gambi we. Yari amaze igihe ari mu majune, yishinja kandi aremerewe n'icyaha cye; noneho yashakaga kumenya neza adashidikanya ko yababariwe. Uwo umushyitsi wari wavuye mu ijuru yari hafi kumusiga; ariko Yakobo aramugundira, amusaba kumuhesha umugisha. Marayika aramubwira ati: " Ndekura ngende kuko bugiye gutandukana;" nyamara uwo mukurambere avuga akomeje ati: "Sinkurekura keretse umpaye umugisha". Mbega ibyiringiro! Mbega gushikama no kwihangana bigaragara hano! Iyo biza kuba ubwirasi, n'amagambo yo kwishyira hejuru, Yakobo yari guhita arimbuka ako kanya; ariko yari yishingikirije ku isezerano ry'uko uwatura intege nke ze kandi akumva adashyitse, yiringira imbabazi z'Imana ikomeza isezerano.

"Yakiranye n'Umumarayika aramutsinda"[832] Binyuze mu kwicisha bugufi, kwihana no kwitanga burundu, uyu munyabyaha, impabe ipfa, yatsinze Nyiricyubahiro w'ijuru. Yagundiriye masezerano y'Imana n'amaboko yombi ahinda umushyitsi n'umutima w'Inyarukundo rutarondoreka, itigera yirengagiza gusaba k'umunyabyaha. Nk'igihamya cy'insinzi ye no gutera abandi umwete wo gukurikiza icyitegererezo cye, izina rye ryarahinduwe, riva ku ryajyaga rimwibutsa icyaha cye, maze rihinduka irizajya ryibutsa insinzi ye. Bitewe n'uko Yakobo yakiranije Imana agatsinda, byamuhaye ubwishingizi ko abasha gutsinda n'abantu. Ntiyongeye gutinya uburakari bwa mwene se ukundi kuko Uwiteka yari kumurwanirira.

Satani yareze Yakobo ku bamarayika b'Imana, amusabira kurimbuka kubera

832 Hoseya 12:4

icyaha yari yakoze; yahagurukije Esawu kugira ngo amwibasire; kandi muri rya joro yakiranyemo na marayika, Satani yihatiye cyane kumwibutsa icyaha cye ashaka guca intege uwo mukurambere kugira ngo ave ku Mana. Yakobo yari hafi gucogora rwose; ariko aza kumenya ko aramutse atabonye ubufasha buturutse mu ijuru yarimbuka rwose. Yari yamaze kwicuza icyaha cye gikomeye ataryarya, maze yitabaza impuhwe z'Imana. Ntiyajyaga gutezuka ku mugambi we, ahubwo akomeza kugundira Marayika kandi aramutakambira cyane arira kugeza atsinze.

Nk'uko Satani yoheje Esawu kwibasira Yakobo, niko no mu gihe cy'amakuba azahagurukiriza ababi kurimbura ubwoko bw'Imana. Kandi nk'uko yashinje Yakobo, ni nako azashinja ubwoko bw'Imana. Afata abatuye isi bose nk'abayoboke be; ariko umukumbi muto w'abakomeza amategeko y'Imana banga kumuyoboka. Iyaba yashoboraga kubatsemba ku isi, yaba ageze ku nsinzi. Abona barinzwe n'Abamarayika bera, maze akiyumvisha ko ibyaha byabo byababariwe; nyamara ntamenye ko ibyabo byarangiriye mu buturo bwo mu ijuru. Asobanukiwe neza n'ibyaha yabagushijemo, kandi abyereka Imana uko byakabaye, akagaragaza ko we nabo, badakwiriye kugirirwa ubuntu n'Imana. Ahamya ko Imana idashobora kubabarira ibyaha byabo kubwo ubutabera bwayo, ngo naho we imurimburane n'abamarayika be. Ababurana avuga ko ari umuhigo we, maze asabe ko Imana yabamwegurira akabirimburira.

Ubwo Satani ashinja abantu b'Imana kubera ibyaha byabo, Uhoraho amwemerera kubagerageza uko ashoboye kose. Ibyiringiro byabo, kwizera kwabo no gushikama mu Mana kwabo, bizageragezwa bikomeye. Nibasubiza amaso inyuma bagatekereza ibyashize, ibyiringiro byabo bizacogora; kuko nta byiza byinshi bazasanga barakoze mu mibereho yabo. Basobanukiwe neza nta gushidikanya intege nke zabo no kuba badashyitse kwabo. Satani yihatira kubatera ubwoba ngo batekereze ko bahindutse akahebwe, kandi ko ibizinga byo gukiranirwa kwabo bidateze guhanagurika. Ibyo bizamwiringiza ko acogoje kwizera kwabo, ko bagiye kugwa mu bishuko bye maze bigatuma bahakana Imana.

N'ubwo ubwoko bw'Imana buzaba bugoswe n'abanzi impande zose biteguye kubarimbura, ntibuzahangayikishwa no kurenganyirizwa ukuri; ahubwo bazahagarikishwa umutima no kwibaza ko buri cyaha cyose cyicujijwe, kandi ko kubera ayo makosa yabo ubwabo, batazasohorezwa amasezerano y'Umukiza agira ati: "Nzakurinda mu gihe cy'ibigeragezo bigiye gutera ku isi yose, kugerageza abari mu isi."[833] Baramutse bagize ibyiringiro by'uko bababariwe, ntibatinya gushinyagurirwa cyangwa kwicwa; ariko bagaragaje ko badashyitse, maze bakabura ubugingo bwabo kubera imico yabo idatungane, ibyo byagayisha izina ry'Imana.

Ku mpande zose, bumva icurwa ry'imigambi y'ubugambanyi kandi bakabona n'ibikorwa by'urugomo; maze muri bo bakumva bifuza bafite imitima itaryarya, ko ubu buhakanyi bukomeye bwakurwaho n'ibibi ababi bakora bikagira iherezo. Kandi ubwo batakambira Imana kubatsindira imbaraga z'umugome, nibwo bazaba bigaya ko batagize ubushobozi bwo guhangana n'ububasha bw'umubi, maze bongere kwihamagarira ibibi by'umugome. Bazumva ko Satani atari kubahangara iyo bakoresha ubushobozi bwabo bwose mu murimo wa Kristo, bakikomeza uko

833 Ibyahishuwe 3:10

bukeye n'uko bwije.

Bashengukira imitima yabo imbere y'Imana, bagaragaza ibyaha byinshi bihannye mu gihe cyashize, maze bagasaba gusohorezwa isezerano ry'Umukiza ngo: "Nyamara abarinzi banjye nibampungiraho, tuzagirana amasezerano y'amahoro."[7] Kwizera kwabo ntigucogora ngo n'uko amasengesho yabo adasubijwe ako kanya. Nubwo bagira umubabaro, ubwoba no guhangayika bikomeye, ntibareka gutakamba. Bakomeza kwishingikiriza ku mbaraga z'Imana nk'uko Yakobo yagundiriye Marayika, maze imvugo y'imitima yabo ibe:
" Sinkurekura, utampaye umugisha. "

Iyo Yakobo atabanza kwicuza icyaha yakoze cyo gukoresha uburiganya, akiba umugisha wagenewe umwana w'imfura, Imana ntiba yarumvise amasengesho ye ngo irokore ubugingo bwe. No mu gihe cy'amakuba, ubwoko bw'Imana nibuba bugifite ibyaha buticujije mbere, igihe imitima yabo izaba ishengurwa n'ubwoba n'agahinda, bazacika intege, kwizera kwabo gucogore, kandi ntibazaba biringiye gutakambira Imana ngo ibarokore. Ariko igihe bazaba bumva ubwabo ko badashyitse, nta cyaha bazasigarana kiticujijwe, ibyaha byabo bizaba byarajyanywe mu rubanza, kandi byarahanaguwe nabo ubwabo ntibazaba bakibyibuka ukundi.

Satani atuma abantu benshi bizera ko Imana itazita ku kugukiranirwa k'utuntu duto two mu mibereho yabo; ariko Uwiteka yerekana ko atazihanganira cyangwa ngo abure guhana ikibi uko cyaba kingana kose nk'uko yabigenje kuri Yakobo. Abihatira gutanga inzitwazo cyangwa gutwikira ibyaha byabo, maze bakemera ko bikomeza kugaragara mu bitabo byo mu ijuru biticujijwe ngo bibabarirwe, bazatsindwa na Satani. Uko barushaho kurata imyizerere yabo, uko imyanya barimo yaba yubashywe kose, niko ibyo bakora birushaho gushavuza Imana, kandi ari nako barushaho gutiza umwanzi wabo umurindi wo gutsinda. Abakomeza gukererwa kwitegura umunsi w'Umwami, ntibazaba bagishobora kwitegura mu gihe cy'amakuba cyangwa mu gihe icyo ari cyo cyose. Ibya bene abo bantu biteye agahinda !

Abo bakristo ku izina bazaba bageze mu gihe giheruka cy'akaga gakomeye batiteguye, bazatura ibyaha byabo bihebye, mu ijwi ry'akababaro n'amagambo y'ubwihebe, nyamara ababi bazaba babaha inkwenene. Kwicuza kwabo kuzaba kumeze nk 'ukwa Esawu cyangwa ukwa Yuda. Abakora ibyo, baganyishwa n'ingaruka z'ibicumuro byabo, aho kurizwa n'icyaha bakoze. Ntibicuza by'ukuri, kuko badatinya gukora ikibi. Bemera ibyaha byabo kubera gutinya igihano; ariko nkuko byabaye kuri Farawo wa kera, urubanza ruramutse rukuweho bakongera gusuzugura Imana.

Amateka ya Yakobo aduha nanone ibyiringiro by'uko Imana itazahana abayobejwe, abageragejwe n'abagambaniwe bakagwa mu cyaha, ariko bakayigarukira bihannye by'ukuri. N'ubwo Satani ashishikariye kurimbura iryo tsinda, Imana izatuma Abamarayika bayo kubahumuriza no kubarinda muri icyo gihe cy'akaga. Ingabo z'umwanzi zifite uburakari bwinshi kandi ziyemeje kurwana inkundura, ibishuko bye biteye ubwoba; ariko amaso y'Uwiteka ari ku bwoko bwe, kandi amatwi ye ari ku byo basaba. Umubabaro wabo urenze urugero, ibirimi by'umuriro w'ikome biri hafi kubakongora; ariko Umucuzi azabarura bameze nk'izahabu yatunganyirijwe mu

834 Yesaya 27:5

muriro. Urukundo Imana ikunda abana bayo mu gihe cy'ibigeragezo bikomeye rufite imbaraga nk'urwo ibakunda mu gihe baguwe neza; nyamara bakeneye kubanza kunyuzwa mu itanura ry'umuriro; maze iby'isi bigakongoka kugira ngo ishusho ya Kristo ibone uko irabagiranira muri bo.

Igihe cy'umubabaro n'agahinda kituri imbere kidusaba kugira kwizera gushobora kwihanganira intege nke, kuzarira n'inzara-kwizera kutazacogora n'ubwo haza ibigeragezo biteye ubwoba. Igihe cy'imbabazi cyahawe abantu bose kugira ngo bitegure icyo gihe cy'akaga. Yakobo yatsinze kubera ko yihanganye kandi agafata icyemezo kidakuka. Insinzi ye ni igihamya cy'imbaraga y'amasengesho ahoraho. Abazashikama mu masezerano y'Imana nka Yakobo, kandi bakihangana nka we , bazatsinda nk'uko nawe yatsinze. Abadashaka kureka inarijye, ngo bababarire imbere y'Imana, basenga ubudasiba kandi basaba umugisha babikuye ku mutima, ntawo bazahabwa. Mbega ngo gukirana n'Imana biramenywa na bake! Ni bake bigeze kwegurira Imana imitima yabo, bafite ibyifuzo bibatsika kugeza ubwo imbaraga zibashiramo. Igihe imiraba y'ubwihebe itabonerwa ururimi rwo kuyisobanura isuma yisuka ku muntu usenga Imana, mbega ukwizera kwa bake gusa ngo kuraba ariko gukomeza gushikama ku masezerano y'Imana!

Muri iki gihe, abafite kwizera kudashyitse bari mu kaga gakomeye ko gutsindwa n'ibishuko bya Satani hamwe n'iteka ryo gucecekesha umutimanama. Ndetse n'ubwo bakwihanganira ikigeragezo bazashengurwa n'umubabaro ukomeye n'agahinda muri icyo gihe cy'akaga kuko batigeze bimenyereza kwiringira Imana. Amasomo yo kwizera basuzuguye, bazategekwa kuyiga ku gahato muri icyo gihe cy'umubabaro batakibishobora.

Iki nicyo gihe dukwiriye kwimenyereza ubwacu kugenzura amasezerano y'Imana. Abamarayika bandika isengesho ryose risenganywe umwete kandi ritaryarya. Ibyaba byiza ni uko twitandukanya n'ibyo turarikira kuruta gutandukana n'Imana. Ni byiza kuba umutindi nyakujya, kwizinukwa, ariko ukemerwa n'Imana, kuruta ubukire, icyubahiro, kuba inziramuze no kugira incuti nyinshi, udafitanye umushyikirano n'Imana. Dukwiriye gufata igihe gihagije cyo gusenga. Nitwemerera ubwenge bwacu guhugira mu binezeza by'isi tukirengagiza gusenga, hari igihe Imana yabona ko ari ngombwa kutwambura ibyo bigirwamana by'izahabu, amazu, cyangwa imirima irumbuka.

Abasore ntibazishora mu byaha, nibaramuka banze kujya aho batazabonera imigisha y'Imana. Iyaba intumwa zijyanye imiburo iheruka ku isi yose, zajyaga zisenga zisaba imigisha y'Imana zishishikaye, zidafite ingingimira, zidakorana ubunebwe, ahubwo zifite umwete no kwizera gukomeye nka Yakobo, aho zagera hose zavuga ziti:"Nabonye Imana amaso ku maso kandi sinapfa."[8]
Zabarirwa mu bikomangoma by'ijuru, kuko zagize ubushobozi bwo kugundira Imana no gutsinda abantu.

Igihe "cy'amakuba atigeze kubaho" kiradusatiriye; dukeneye kuba dufite indi mibereho itari nk'iyo dufite ubu, yayindi benshi bahinyura badashobora kugeraho. Bibaho kenshi ko amakuba akomeye yisuka kuruta uko yatekerezwaga; nyamara ibyago bitwugarije siko biri. Ibyo tubona n'ibyo tubwirwa muri iki gihe biri munsi

835 Itangiriro 32:30

cyane y'ukuri. Muri icyo gihe cy'ibigeragezo, umuntu wese azaba yihagarariye imbere y'Imana ubwe. Naho "Nowa na Daniel na Yobu baba bakirimo, ndirahiye ko batagira icyo barokora, ari umuhungu cyangwa umukobwa, gukiranuka kwabo kwakiza ubwabo bugingo gusa, Ni ko Uwiteka avuga." [836]

Muri iki gihe ubwo Umutambyi wacu Mukuru akiduhongerera, dukwiriye kwiboneza muri Kristo. Umukiza wacu ntiyashoboye gutsinda imbaraga z'ibishuko mu ntekerezo gusa. Satani ashaka akanya mu mitima y'abantu yaba yigobetsemo; ibyifuzo byo gukora ibyaha byaragundiriwe kandi aho ni naho Satani yibanda mu bishuko bye. Ariko Kristo yarivugiye ati: "Umutware w'isi araje, ariko nta bushobozi amfiteho."[837] Satani nta bushobozi afite ku Mwana w'Imana bwamubashisha gutsinda. Yakomeje amategeko ya Se, kandi nta cyaha yigeze akora Satani yaheraho ngo kizamuheshe amahirwe yo gutsinda. Icyo gisabwa abazahagarara bashikamye mu gihe cy'umubabaro ukomeye.

Muri ubu bugingo niho dukwiriye kwitandukanya n'icyaha binyuze mu kwizera amaraso ya Kristo ahongerera ibyaha. Umukiza wacu ukomeye aturarikira kwifatanya nawe, tugahuriza intege nke zacu mu mbaraga ze, ubuswa bwacu tukabuhuza n'ubwenge bwe, ubuhanya bwacu tukabuhuza n'imibereho ye izira inenge, amafuti yacu tukayahuza no gukiranuka kwe. Imbabazi z'Imana ni ishuri dukwiye kwigiramo ubugwaneza no kwicisha bugufi bya Kristo. Mu byo Imana yashyize imbere yacu, ntiduhitishamo kunyura mu nzira itworoheye kandi itunejeje, ahubwo ngo tugambirire guhitamo umugambi nyakuri w'ubugingo. Ni ahacu kwemera gukorana n'intumwa z'ijuru, zoherejwe gufatanya natwe ngo zituremememo imico ihwanye n'iyo abo mu ijuru. Nta we ukwiriye guhinyura cyangwa kwirengagiza uwo murimo kuko bizanira abantu kurimbuka guteye ubwoba.

Mu iyerekwa, Intumwa Yohana yumvise ijwi rivugira mu ijuru rirangurura riti,"Nuko rero wa juru we n'abagutuyemo, nimwishime! Naho wa si we nawe wa nyanja we, mugushije ishyano! Dore Satani abamanukiye aje arakaye cyane, kuko azi ko igihe cye gisigaye ari gito."[838] Ibyatumye habaho uguhamagara kw'iryo jwi ryo mu ijuru biteye ubwoba ! Uko ibihe bikomeza guhita niko umujinya wa Satani urushaho kwiyongera, kandi mu gihe cy'amakuba nibwo umurimo we w'ubuhendanyi n'uburimbuzi bwe uzaba ugeze ku ndunduro.

Bidatinze mu birere by'ijuru hazaduka ibimenyetso bidasanzwe, bigaragaza imbaraga z'abadayimoni zikora ibitangaza. Imyuka mibi y'abadayimoni izakwira hose mu bami bo mu isi no mu batuye isi, kugira ngo zibashuke kandi zibakururire gufatanya na Satani mu ntambara ye iheruka yo kurwanya Leta y'ijuru. Kubwo iyo imyuka mibi, abategetsi n'abategekwa bazagwa muri ibyo bishuko. Abantu bazahaguruka ubwabo biyite Kristo, basabe ikuzo no gusengwa bigenewe Umucunguzi w'isi. Bazakora ibitangaza n'ibimenyetso bikomeye byo gukiza abarwayi kandi bavuge ko bahawe ihishurirwa rivuye mu Ijuru rihabanye n'ibyo Ibyanditswe bihamya.

Igikorwa gihebuje ibindi mu bushukanyi bukomeye ni uko Satani ubwe azihindura nka Kristo. Mu gihe kirekire Itorero ryakomeje kwiringira ko Kristo azagaruka

836 Ezekiyeli 14:20
837 Yohana 14:30
838 Ibyahishuwe 12:12

akaba amizero yaryo. Muri icyo gihe cyo gutegereza nibwo Umushukanyi ukomeye aziyerekana ko ariwe Kristo ugarutse. Mu mpande zose z'isi, Satani aziyereka abantu nk'umutware ukomeye ufite mu maso harabagirana, azihindura nk'Umwana w'Imana nk'uko Yohana yeretswe mu Byahishuwe. Ubwiza buzaba bumutamirije buzaba burengeje ibyiza byose amaso y'umuntu yigeze kubona. Ijwi ry'insinzi rizirangirira mu birere by'ijuru rivuga cyane riti: "Kristo araje, Kristo araje!" Abantu bose bazapfukamira icyarimwe kumuramya, maze nawe arambure ukuboko kwe avuge ko abahaye umugisha, nk'igihe Kristo yahaga abigishwa be umugisha ubwo yari akiri ku isi. Ijwi rye rizaba rituje kandi ryicishije bugufi, rinogeye amatwi. Azavugana ijwi ry'impuhwe n'imbabazi yerekane ibikorwa by'ubugiraneza n'ukuri mvajuru mu byo Umukiza yavuzwe; akize abantu indwara, kandi namara kwiyambika imico ya Kristo, azaherako atangaze ko Isabato yayihinduye akayishyira ku munsi wa mbere w'icyumweru (Dimanche), maze ategeke abantu bose kuruhuka ku munsi yihereye umugisha. Azatangaza ko abagikomeje kweza umunsi wa karindwi w'icyumweru batuka izina rya Kristo, igihe banga gutegera amatwi umucyo n'ukuri batumweho n'abamarayika be. Ubwo nibwo bushukanyi buhebuje ubundi bwose. Nk'uko abasamariya bayobejwe na Simoni Magusi, abantu benshi, uhereye ku boroheje ukageza ku bakomeye barangamira ubupfumu bwe bavuga bati: "Iyi ni imbaraga ikomeye y'Imana. "[12]

Nyamara abantu b'Imana bo ntibazayobywa na byo. Inyigisho z'uwo wiyita Kristo, ntizizahuza n'izo mu Byanditswe Byera. Imigisha Satani azatanga izakirwa n'abasenga inyamaswa n'igishushanyo cyayo, ariryo tsinda Bibiliya ivugaho ko rizasukwaho umujinya ukaze w'Imana.[839]

Ikindi kandi, Satani nta burenganzira afite bwo kwigana uburyo Kristo azagarukamo ku isi. Umukiza yaburiye abamwizera ko bakwiriye kwirinda icyo gishuko kandi ababwira hakiri kare uko kuza kwe kwa kabiri kuzaba kumeze. "Hazaduka abiyita kristo n'abahanuzi b'ibinyoma, bakorera ibimenyetso n'ibitangaza byinshi kugira ngo nibibashobokera bayobye n'abatoranyijwe.... "Kandi nibababwira ko Kristo ari mu butayu; ntimuzajye yo, nibabwira bati dore Kristo ari hano mu cyumba cya wenyine, ntimuzabyemere! Kuko nk'uko umurabyo urabiriza aho izuba rirasira, ukabonekera aho rirengera, niko no kuza k'Umwana w'umuntu kuzaba kumeze."[840] Uko gutunguka ntawabasha kukwigana ngo abishobore. Kuzamenywa n'isi yose, kandi kuzabonwa n'abatuye isi bose.

Abazaba barabaye abigishwa b'Ibyanditswe gusa Byera batajenjetse kandi bakakira urukundo rw'ukuri rw'Imana, bazarokoka icyo gishuko gikomeye kizigarurira isi yose. Ibihamya byo muri Bibiliya gusa nibyo bizashobora guhishura amayeri y'umushukanyi. Igihe cy'ibigeragezo kizagera ku bantu bose. Mu gihe cy'ishungura niho abakristo nyakuri bazagaragara. Mbese aho abantu b'Imana bashinze imizi batajegajega mu Ijambo ryayo kugira ngo batazagendera ku ntekerezo zabo bwite? Mbese muri icyo gihe gikomeye bazitabaza Bibiliya yonyine? Satani azakora uko ashoboye kose kugira ngo ababuze kwitegura kuzahagarara bashikamye kuri uwo munsi. Azabambira inzira zabo, abuzuzemo irari ryo gushaka ubutunzi bw'isi, abikoreze imitwaro iremereye, kugira ngo imitima yabo yuzurwe n'amaganya yo

839 Ibyakozwe n›Intumwa 8:10
840 Matayo 24:24-27, 31; 25:31; 1 Abatesalonike

muri ubu buzima, maze umunsi wo kugeragezwa uzabatungure nk'umujura.

Ubwo iteka ryashyizweho n'abategetsi banyuranye bo mu bihugu bya Gikristo ngo rirwanye abakomeza amategeko y'Imana, rizatuma Leta z'ibihugu byabo zitakibarengera, maze bagahanwa mu maboko y'abifuza kubarimbura, ubwoko bw'Imana buzahunga buve mu mijyi minini no mu midugudu, maze bihurize hamwe bajye kwibera mu butayu n'ahantu bari bonyine. Abenshi bazabona ubuhungiro mu ubuvumo yo mu mpinga z'imisozi. Nk'uko byabaye ku bakristo b'Abavoduwa, impinga z'imisozi miremire nizo bazahindura insengero, maze bashimire Imana ubuvumo bw'ibitare yabashakiye. Ariko abantu bo mu mahanga yose n'inzego zose, abakomeye n'aboroheje, abakire n'abakene, abirabura n'abera, bazashyirwa mu bucakara bubabaje kandi butababarira. Abatoni b'Imana bazanyura mu bihe bikomeye, baboheshwe iminyururu, bafungirwe muri gereza zubakishijwe ibyuma, bacirwe urwo gupfa, abandi bazaba bari hafi yo gupfa bishwe n'inzara n'inyota aho mu tuzu dufunganye kandi ducuze umwijima kandi turimo umwanda. Nta gutwi k'umuntu kuzaba gushaka kumva iminiho yabo; nta kuboko k'umwana w'umuntu kuzaba kwiteguye kubafasha.

Mbese muri iyi saha y'ibigeragezo Uwiteka azibagirwa ubwoko bwe? Mbese yigeze yibagirwa Nowa wakiranukaga igihe abantu ba mbere y'umwuzure bacirwagaho iteka? Mbese yigeze yibagirwa Loti ubwo umuriro wamanukaga mu ijuru, ugakongora abaturage bo mu mijyi yo mu bibaya ? Mbese yibagiwe Yosefu ubwo yari azengurutswe n'abasenga ibigirwamana bo muri Egiputa ? Mbese yibagiwe Eliya ubwo yaterwaga ubwoba n'indahiro ya Yezebeli kubwo urupfu rw'abahanuzi ba Baali? Mbese yibagiwe Yeremiya ubwo yari afungiwe mu mwobo muremure w'umwijima? Mbese yibagiwe abasore batatu bakiranuka bari bajugunywe mu itanura ry'umuriro ugurumana? Cyangwa se yaba yaribagiwe Daniyeli ari mu rwobo rw'intare?

Ariko Siyoni iravuga ati: "Yehova yarantaye, Uwiteka yaranyibagiwe. "Mbese umugore yakwibagirwa umwana yonsa, ntababarire uwo yibyariye? Icyakora babasha kubibagirwa, ariko jye sinzakwibagirwa. Dore naguciye mu biganza byanjye nk'uca imanzi."[841] Uwiteka Nyiringabo aravuga ati: "Uzagukoraho, azaba akoze ku mboni y'ijisho ryanjye. "[842]

Nubwo abanzi babo bazabajugunya muri gereza, inkuta z'amakasho ntizizabuza imitima yabo gusabana na Kristo. Umenya intege nke za buri wese, umenyereye ibigeragezo byose, arenze cyane ibifite ubushobozi byose byo mu isi; kandi abamarayika bazaza aho bari bonyine muri za kasho, babazaniye umucyo n'amahoro mvajuru. Gereza izahinduka nk'ingoro ya cyami; kuko abakungahaye mu kwizera bazaba barimo, kandi inkuta zicuze umwijima w'icuraburindi zizaboneshwa n'umucyo uvuye mu ijuru nk'igihe Pawulo na Silasi basengaga kandi bagahimbaza Imana mu gicuku bari mu kasho i Filipi.

Urubanza rw'Imana ruzagera ku bashaka gukandamiza no kurimbura ubwoko bwayo. Kwihanganira abanyabyaha byatumye abantu batinyuka kugwiza ibicumuro, nyamara igihano cyabo kizaba giteye ubwoba kuko Imana yabihanganiye igihe kirekire. "Uhoraho azabahagurukira nk'uko yabigenje ku musozi wa Perasimu,

841 Yesaya 49:14-16
842 Zekariya 2:8

azabarakarira nk'uko yabigenje mu kibaya cy'i Gibeyoni, bityo azasohoza umugambi we udasanzwe, azarangiza umurimo we utangaje."[843] Ku bwo Imana y'inyambabazi, igikorwa cyo guhana abakora nabi ni inzaduka. "Ndirahiye, niko Uwiteka avuga; sinezezwa no gupfa k'umunyabyaha."[844] Uhoraho ni umunyampuhwe n'umunyebambe, kandi atinda kurakara, yuzuye kugira neza kwinshi n'ukuri, ababarira gukiranirwa n'ibicumuro n'ibyaha. Nyamara kandi ntatsindishiriza na hato uwo gutsindwa. Uhoraho atinda kurakara, kandi afite imbaraga nyinshi, kandi ntazabura guhana abagome." Kubwo gukiranuka kwayo, izakoresha ibihano bikomeye kugira ngo irinde ubusugire bw'amategeko yayo yakandagiwe n'abantu. Ubukana bw'igihano gitegereje umugome kizashyirwaho n'Uhoraho hakurikijwe ubutabera bwe. Ishyanga ryakomeje kwihanganirwa igihe kirekire, rizahabwa igihano cyaryo ari uko rimaze kwuzuza igikombe cyo gukiranirwa kwaryo imbere y'Imana, hanyuma ribone kunywa ku gikombe cy'umujinya w'Imana utavanze n'imbabazi.

Ubwo Kristo azaba arangije umurimo we w'ubutambyi mu buturo bwo mu ijuru, uburakari bukaze buzasukwa ku basenga inyamaswa n'igishushanyo cyayo, bakemera gushyirwaho ikimenyetso cyayo. Ibyago byagwiriye Abanyegiputa igihe Imana yari hafi gukurayo Abisirayeli bimeze nk'iteka riteye ubwoba kandi rikakaye rizagwirira isi yose mbere yo gucungurwa kw'ubwoko bw'Imana. Uwahishuriwe yasobanuye ako kaga gakomeye muri aya magambo: "Ibisebe bibi kandi biryana byaduka ku bantu bashyizweho ikimenyetso cy'inyamaswa, bakanaramya igishushanyo cyayo. " Amazi y'inyanja ahinduka amaraso nk'ayo umuntu wapfuye, kandi ibifite ubuzima byose byo mu nyanja birapfa. "Maze imigezi n'amasoko y'amazi bihinduka amaraso. " Biteye ubwoba kubona uko ibihano bitanganywe ubutabera bw'Imana bizaba bimeze. Marayika w'Imana aravuga ati: "Uri intabera kuko wagennye guca imanza utyo, wowe Muziranenge, uriho kandi wahozeho. Kubera ko bamennye amaraso y'intore zawe, n'ay'abahanuzi bawe, nicyo gitumye nawe ubaha amaraso ngo abe ariyo banywa, ubakaniye urubakwiye."[845] Uko baciraga abantu b'Imana urubanza rwo gupfa, babaga bagiweho n'amaraso y'igicumuro cyabo nk'aho aribo bayavushije. Ni muri ubwo buryo Kristo yahamirije Abayuda bo mu gihe cye, ko bamennye amaraso y'intore ze uhereye kuri Abeli umukiranutsi w'Imana; kuko bose bari bahuje imigambi kandi bashaka gukora umurimo nk'uwabo bicanyi wo kurenganya abahanuzi.

Mu cyago cyakurikiyeho, izuba ryahawe ubushobozi bwo kotsa abantu bikabije. Abantu bababazwa n'icyokere cyinshi. Abahanuzi basobanura uko isi izaba imeze muri icyo gihe giteye ubwoba: "Dore imirima yarononekaye, ingano zaragwingiye, divayi nshya ntikiboneka, amavuta y'iminzenze na yo yarabuze. Mwa bahinzi mwe, nimwihebe, abahinga imizabibu, nimuboroge. Nimuboroge kubera ko ingano zanyu za nkungu zarumbye, iza bushoki kimwe n'imyaka yose yo mu murima na byo ni uko. Imizabibu yarumye, ibiti by'imitini byararabiranye, ibiti by'imikomamanga n'imikindo n'iby'amapera na byo ni uko, ibiti byose byo mu murima byarumye. Bityo nta byishimo bikirangwa mu butayu." "Imbuto zumiye mu mayogi, ingano

843 Yesaya 28:21
844 Ezekiyeli 33:11
845 Ibyahishuwe 16:2-6

zaragwingiye, ibigega birimo ubusa. . . Nimwumve Amatungo maremare yabuze inzuri, . . . Imigezi yarakamye, umuriro nawo watwitse inzuri zo mu cyanya. Uwo munsi abaririmbaga mu ngoro basengeramo bazacura umuborogo. Ahantu hose imirambo izaba myinshi, bazayijugunya bumiwe. "[846]

Ibi byago ntabwo ari rusange, bitabaye ibyo, abatuye ku isi barimbukira rimwe. Nyamara hazaba hari ibiteye ubwoba bikabije bitigeze kumenywa n'umwana w'umuntu. Ibyago byose bizagera ku bantu imbabazi ziri hafi kurangira, bizaba bivanzemo n'imbabazi. Amaraso ya Kristo yaviriye umunyabyaha amukingira igihano cy'ibyaha bye; ariko mu rubanza ruheruka, umujinya uzasukwa ku munyabyaha uzaba utangaje utakirimo imbabazi.

Kuri uwo munsi, abantu benshi cyane bazifuza ubwihisho mu mbabazi z'Imana, basuzuguye igihe kirekire. "Dore iminsi uzaza, niko Uwiteka Imana ivuga, nzateza inzara mu gihugu, ntizaba ari inzara y'ibyokurya cyangwa inyota yo gushaka amazi, ahubwo izaba ari iyo kumva amagambo y'Uwiteka. Kandi bazajarajara bava ku nyanja imwe bajya ku yindi, bazava iburasirazuba bajye iburengerazuba, bazakubita hirya no hino bashaka ijambo ry'Uwiteka be kuribona."[847]

Ubwoko bw'Imana ntibuzabura kugerwaho n'umubabaro; ariko ubwo bazaba barenganywa kandi bababazwa, igihe bazaba bamburwa ibyabo kandi bicwa n'inzara, ntabwo Imana izabahana ngo bashireho. Iyo Mana yarinze Eliya ntabwo izirengagiza abana bayiyeguriye. Imenya umubare w'imisatsi iri ku mitwe yabo, izabarinda kandi no mu bihe by'inzara bazahazwa. Igihe ababi bazaba bicwa n'inzara n'ibyorezo, abamarayika bazaba bitaye ku bakiranutsi babahe icyo bakeneye cyose. Ugendera mu butungane yahawe iri sezerano ngo: "Ibitare ntamemnwa bizamubera ubuhungiro, azahorana ibyo kurya n'ibyo kunywa." "Abakene n'abatindi bashakashaka amazi ntibayabone, dore bishwe n'inyota nyamara jyeweho Uhoraho nzabagoboka, jyewe Imana ya Isirayeli sinzabatererana." [848]

"Nyamara kandi naho umutini utatoha n'inzabibu ntizere imbuto,bagahingira ubusa imyelayo n'imirima ntiyere imyaka, n'intama zigashira mu rugo n'amashyo akabura mu biraro, ntakabuza ko nishimira Uwiteke, nkanezerwa mu mana y'agakiza kanjye."[849]

"Uhoraho niwe ukurinda; Uhoraho aguhora hafi akakubera ubwugamo. Ku manywa izuba ntirizakwica, nijoro nabwo ukwezi ntacyo kuzagutwara. Uhoraho azakurinda ikibi cyose. Azarinda ubugingo bwawe. Koko niyo izakurinda umutego umwanzi agutega ikurinde n'icyorezo gitsemba abantu. Izakubundikira n'amababa yayo, kandi amababa yayo azakubera ubuhungiro. Umurava wayo niwo ngabo nto n'inini zigukingira. Ntuzatinya igitera ubwoba cya nijoro, nta n'ubwo uzatinya imyambi bakurasa ku manywa, ntuzatinya icyorezo gitera mu gicuku, nta nubwo uzatinya mugiga itsemba abantu ku manywa y'ihangu. N'ubwo abantu igihumbi bagwa iruhande rwawe, ibihumbi cumi bikagwa iburyo bwawe, ariko wowe ntibizakugeraho. Uzabyitegereza gusa, wirebere igihano cy'abagome. Kuko wagize Uhoraho ubuhungiro bwawe, Isumbabyose uyigira ubuturo bwawe. Bityo nta kibi

846 Yoweli 1:10-12; 17-20; Amosi 8:3
847 Amos 8:11,12
848 Yesaya 33:15,16 ; 41:17
849 Habakuki 3:17,18

kizakugeraho, nta n'icyago kizegera aho utuye."[850]

Nyamara ukurikije imirebere y'umuntu bizasa nk'aho abantu b'Imana bagomba guhamisha ikimenyetso cy'amaraso yabo bidatinze nk'uko byagenze ku bababanjirije. Bo ubwabo bazabanza kugira ubwoba bibwira ko Uhoraho yabatereranye mu maboko y'abanzi babo. Kizaba ari igihe gikuye umutima. Bazatakira Imana ku manywa na nijoro ngo ibatabare. Ababi bazibwira ko batsinze maze babishime hejuru, barangurure bati: "Ubu se kandi kwizera kwanyu kuri he ? Niba koko muri abantu b'Imana kuki itabakijije amaboko yacu ? Ariko abategereje bazibuka ko n'igihe Yesu yapfiraga i Kaluvari ku musaraba, abatambyi bakuru n'abatware b'ubwoko baranguruye amajwi yabo, baramukoba bavuga bati: Yakijije abandi, none ntashobora kwikiza. Niba ari Umwami wa Isirayeli namanuke ave ku musaraba, tubone kumwizera."[851] Nka Yakobo, nabo bazaba bakirana n'Imana. Ishusho yabo izaba yerekana intambara yo mu mitima yabo. Gutentebuka bizagaragara mu maso habo. Nyamara ntabwo bazareka gusaba babikuye ku mutima.

Abantu bashoboye guhabwa iyerekwa mvajuru, babona inteko nini z'abamarayika bafite imbaraga bazengurutse abo bose bihanganye bagakomeza Ijambo rya Kristo. Bashishikaye kandi bafite impuhwe nyinshi, abamarayika babonye imibabaro yabo kandi bumvise amasengesho yabo. Bategereje gusa itegeko ry'Umugaba wabo, kugira ngo babarure mu muriro w'ako kaga. Ariko bagomba kumara ikindi gihe bategereje. Abantu b'Imana bagomba kunywa ku gikombe kandi bakabatizwa wa mubatizo. Uko gukererwa kubabaje ni igisubizo cyiza cy'amasengesho yabo. Uko bahirimbanira gutegereza biringiye gutabarwa n'Uhoraho, bizatuma bagira kwizera, ibyiringiro no kwihangana batigeze bagira mu mibereho yabo ya gikristo. Ariko kubwo intore z'Imana icyo gihe cy'amakuba kizagirwa kigufi. "Mbese Imana ntizarengera intore zayo ziyitakira ku manywa na nijoro ?... Ndababwira yuko izazirengera vuba."[852] Imperuka izaza vuba birenze uko abantu babitekereza. Ingano zizarundanywa maze bazihambiremo imitwaro ishyirwa mu kigega cy'Imana; urukungu ruzarundwamo ibirundo rujugunywe mu muriro w'irimbukiro.

Abarinzi bo mu ijuru b'indahemuka ku murimo wabo, bakomeje kuba maso. N'ubwo itegeko-teka rizaba ryamaze gushyiraho isaha yo gutsemba abakomeza amategeko, abanzi babo bazatanguranwa n'iryo tegeko, bashaka kwaka intore z'Imana ubugingo bwazo mbere y'igihe cyagenwe. Nyamara nta n'umwe uzabasha guhita ku barinzi b'abanyambaraga bazaba bazengurutse buri mwizera wese w'indahemuka. Bamwe bazatabwa muri yombi igihe bazaba bahunga bava mu mijyi no mu midugudu; ariko inkota zizaba zibanguriwe kubatanyagura zizavunika maze zigwe hasi nk'ibikenyeri. Abandi bazarwanirirwa n'abamarayika bihinduye nk'abantu bambariye urugamba.

Mu bihe byose, Imana yagiye yohereza abamarayika baziranenge gutabara no kurokora ubwoko bwayo. Ibyo biremwa byo mu ijuru byagize uruhare rugaragara mu bikorwa by'ikiremwamuntu. Bigaragaje bambaye imyambaro irabagirana nk'umurabyo; bagaragaye kenshi nk'abagenzi bagendagenda baturutse kure.

850 Zaburi 121:5-7; 91:3-10
851 Matayo 27:42
852 Luka 18:7, 8

Abamarayika bagendereraga abantu b'Imana bafite ishusho y'abantu. Bagiye baruhukira mu bicucu by'ibiti nk'abantu bananiwe mu gihe cya ku manywa. Bakirwaga nk'abashyitsi mu miryango y'abantu. Bakoze nk'abayobozi bayobora abagenzi mu rugendo. Bakoresheje amaboko yabo gukongeza umuriro wo ku gicaniro. Bakinguye inzugi za gereza maze bafungura abagaragu b'Uhoraho bari bazifungiwemo. Bambaye icyubahiro cy'ijuru, baje kubirindura igitare cyari ku muryango w'igituro cy'Umukiza.

Kenshi na kenshi, abamarayika bajyaga mu materaniro y'abakiranutsi; ndetse basuraga n'aho inkozi z'ibibi ziteraniye, nk'igihe bajyaga i Sodomu gukora urutonde rw'ibyo bakoraga kugira ngo barebe ko bamaze kurenga aho kwihangana kw'Imana kugarukiye. Uhoraho ashimishwa no kubabarira; kandi kubera umubare muto w'abamukorera by'ukuri, akumira ibyorezo kandi akongera igihe cy'amahoro kuri benshi. Iyo abanyabyaha bacumuye ku Mana gato, baba bishyizeho umwenda mu bugingo bwabo kuko bashimishijwe no gukerensa intungane nke kandi bakanazikandamiza.

N'ubwo abatware b'iyi si batabizi, nyamara Abamarayika bajya babasura mu nama zabo ndetse bakanababera abavugizi. Amaso y'abantu yarababonye; amatwi yabo yumvise kurarika kwabo; indimi z'abantu zagiye zirwanya ibitekerezo byabo kandi zigahinyura inama zabo; amaboko y'abantu yakoze ibyo kubasebya no kubarwanya. Mu byumba by'inama no mu nzu zicirwamo imanza, izo ntumwa mvajuru zagaragaje ko zimenyereye kwifatanya n'abantu mu mateka yabo; ubwabo bakiyemeza kuburanira abarengana kurenza abarengezi babo bose bafite ubuhanga buhanitse. Bagiye batahura imigambi mibi kandi bagakoma ibibi mu nkokora byajyaga kudindiza umurimo w'Imana kandi bigateza umubabaro ukomeye mu bwoko bw'Imana. Ku isaha cy'ibyago n'amakuba "Umumarayika w'Uhoraho ashinga ibirindiro ahazengurutse abubaha Imana akabakiza."[853]

Ubwoko bw'Imana butegerejanyije amatsiko bwihanganye, ibimenyetso byo kugaruka k'Umwami wabo. Ubwo abarinzi bazaba babazanya bati: "Ijoro rigeze he ? Igisubizo kidahinduka kizaba ari iki ngo: Bugiye gucya bwongere bwire."[854]Umucyo ururutse ku bicu uhingutse mu mpinga z'imisozi. Bidatinze ikuzo rye rigiye guhishurwa. Zuba ryo gukiranuka ari hafi kuturasira. Igitondo n'ijoro byombi biratwegereye - umunsi w'umunezero utagira iherezo urasiye abakiranutsi, kandi ijoro ry'umwijima ritazongera gucya ukundi ku banyabyaha riratangiye."

Ubwo abakirana bazaba batakambira Imana cyane, igishura cyabakingirizaga ngo batareba ibyo batemererwaga kureba kizamera nk'igitamuruwe. Umucyo w'umunsi uhoraho uzabonekera mu birere by'ijuru, maze indirimbo nk'iz'abamarayika zumvikane mu matwi y'abantu ngo:"Komeza icyo ufite, gutabarwa kuraje! Kristo Umuneshi ukomeye azaniye ingabo ze zicogojwe n'urugamba ikamba ry'ikuzo ridashira; kandi ijwi rye rizumvikanira ku marembo y'ijuru rigira riti: "Mwitinya dore ndi kumwe namwe. " Namenyereye imibabaro yanyu yose; nikoreye intimba zanyu zose. Ntimuhanganye n'abanzi batamenyerewe. Urugamba narurwanye mu cyimbo cyanyu, kandi mu Izina ryanjye murenze kuba abaneshi."

Umukiza uhebuje azatwoherereza ubufasha igihe cyose mu gihe cyose tuzaba

853 Zaburi 34:7
854 Yesaya 21:11, 12

tubukeneye. Inzira ijya mu ijuru yatunganyijwe n'intambwe ze. Ihwa ryose rihanda ibirenge byacu nawe ryaramujombye. Umusaraba wose duhamagarirwa kwikorera, yawikoreye mbere yacu. Uhoraho yemera ko amakimbirane abaho, kugira ngo ategurire abantu bose amahoro. Igihe cy'amakuba ni ikigeragezo giteye ubwoba ku bantu b'Imana; ariko kandi ni n'igihe cyo kubura amaso kuri buri mwizera nyakuri wese akareba mu ijuru, kandi kubwo kwizera akabasha kubona umukororombya w'isezerano umuzengurutse.

"Abo wacunguye bazatahuka, bazagaruka i Siyoni baririmba, bazasabwa n'umunezero iteka, bazagira ibyishimo byinshi, umubabaro no gusuhuza umutima bizayoyoka. Uhoraho aravuze ati, Nijye uguhumuriza. Ni kuki utinya umuntu buntu? Kuki utinya abantu bameze nk'icyatsi gusa? Mbese wibagiwe Uhoraho wakuremye? Ese wibagiwe uwahanitse ijuru agahanga n'isi? Kuki ukomeza guterwa ubwoba n'abagukandamiza? Mbese uburakari bw'abagukandamiza buri he? Abafunzwe bagiye gufungurwa, ntibazapfira muri gereza, ntibazongera kubura ibyo kurya. Ndi Uhoraho Imana yawe, nijye utuma imihengeri ihorera mu nyanja, izina ryanjye ni Uhoraho Nyiringabo. Nakubwiye ibyo uvuga, nakurindishije ububasha bwanjye. Nijye wahanitse ijuru, nijye wahanze isi, nijye wabwiye ab'i Siyoni nti 'Muri abantu banjye'."[855]

"Tega amatwi wa munyabyago we, wa musinzi we utasindishijwe na divayi. Nyagasani Uhoraho[856] ukurengera aravuga ati, 'Nakuyeho igikombe cy'uburakari cyagusindishaga, ntuzongera kunywa ku gikombe cy'uburakari bwanjye. Icyo gikombe nzakinywesha abagukandamizaga, abakubwiraga bati 'Ryama tukuribate.' Koko rero umugongo wawe wahindutse nk'ubutaka, wahindutse nk'inzira nyabagendwa."

Ijisho ry'Imana rihora rireba ibihe byose akaga abantu bayo bagiye guhura na ko ubwo ububasha bwo ku isi buzaba bubahagurukiye. Nk'abari mu buhungiro, bazaba bafite ubwoba bwo kwicwa n'inzara cyangwa kwicwa urubozo. Nyamara Nyirubutungane waciye inzira mu nyanja itukura mu maso y'Abisirayeli, azagaragaza imbaraga ze zikomeye abakure mu bubata. " Uhoraho Nyiringabo aravuga ati, "Bazaba abanjye bwite ku munsi ntegura. Nzabagirira impuhwe nk'uko umubyeyi azigirira umwana we umukorera."[857] Niba amaraso y'abizera Kristo yaramenetse muri icyo gihe, ntiyaba ahwanye n'ay'abahowe Kristo, kuko iyo yamenwaga yabaga ari imbuto itewe izazanira Imana umusaruro w'abandi bizera. Ubudahemuka bwabo ntibwabera abandi ubuhamya bwo kwemera ukuri; kuko imitima yabo izaba yinangiye yaranze imbabazi, kugeza ubwo batakibasha kwisubiraho. Iyaba intunganye zahanwaga mu maboko y'abanzi babo, umutware w'umwijima yaba atsinze. Umunyazaburi yaravuze ati: "Kuko ku munsi w'amakuba azandindisha kumpisha mu ihema rye, mu bwihisho bwo mu ihema rye nimwo azampisha."[858] Kristo yaravuze ati: "Bantu banjye nimujye, mu mazu yanyu, mufunge imiryango, nimufunge imiryango mube mwihishemo igihe gito, kugeza

855 Yesaya 51:11-16
856 Yesaya 51:21-23
857 Malaki 3:17
858 Zaburi 27:5

igihe uburakari bw'Uhoraho burangiriye. Dore Uhoraho asohotse iwe, aje guhana abatuye isi kubera ibicumuro byabo. Isi izagaragaza amaraso yayimenweho, ntizongera gutwikira imirambo y'abishwe."[859] Gutabarwa kw'abazaba barategereje bihanganye kugaruka kw'Umukiza, kandi amazina yabo yanditswe mu gitabo cy'ubugingo bizaba ari agahozo.

IGICE CYA 40
GUTABARWA K'UBWOKO BW'IMANA

Igihe amategeko ya Leta zo ku isi azaba atakibasha kurinda abakomeza amategeko y'Imana, mu bice byose by'isi hazaba umuvurungano wo gushaka kurimbura ubwoko bw'Imana. Ubwo igihe cyagenwe n'itegeko-teka kizaba cyegereje, abaturage bazagambana rwihishwa ngo babatsembe hakiri kare. Hazaba hagambiriwe ko mu ijoro rimwe gusa, hazaba ubwicanyi buzaba butababarira n'umwe.

Bamwe mu bantu b'Imana bazaba bafungiwe muri kasho zicuje umwijima, abandi bazaba bihishe mu mashyamba no mu bihanamanga, bakomeje gutakambira Imana ngo ibarinde, mu gihe ku mpande zose z'isi, abantu bitwaje intwaro z'intambara, kandi bayobowe n'abamarayika ba Satani, bazaba barimo kwitegura kubamarira ku icumu. Icyo gihe ni bwo Imana ya Isirayeli izarogoya imigambi yabo, ikarengera ubwoko bwayo yatoranyije. Uhoraho aravuga ati:"Icyo gihe muzaririmba nk'abari mugitaramo cy'umunsi mukuru, muzanezerwa nk'abayobowe n'ijwi ry'umwirongi bagiye mu ngoro y'Uhoraho, muzanezerwa nk'abagana Imana urutare rwa Isiraheli. Uhoraho azumvikanisha ijwi rye riteye ubwoba, azerekana ko abangukira guhana arakaye, azabigaragariza mu mirabyo , azabigaragariza mu mvura y'umugaru n'amahindu."[860]

Ababi bazavuza urwamo rw'insinzi, bakwena kandi babakina ku mubyimba, icyo gihiriri cy'inkozi z'ibibi kizaba kiri hafi kubasimbukira ngo kibarimbure, maze umwijima w'icuraburindi uzaba ukomeye kuruta uwa mu gicuku uzatwikira isi yose. Noneho umukororombya urabagiranishwa n'ikuzo riturutse ku ntebe y'Imana uzakwira ikirere cyose cy'ijuru, umere nk'uzengurutse iyo nteko yose y'abizera batabaza Imana. Cya kivunge cy'abagizi ba nabi kizatungurwa gifatirwe aho ako kanya. Rwa rwamo ntiruzumvikana ukundi. Bazibagirwa umugambi w'ubwicanyi bari bafite. Kubera ubwoba, bazatumbira icyo kimenyetso cy'isezerano y'Imana, bifuza gusa icyabarinda umucyo w'Imana ubahuma amaso.

Naho ku ruhande rw'abantu b'Imana, humvikane ijwi rituje kandi rinogeye amatwi rivuga riti:"Nimwubure imitwe yanyu", maze bubuye amaso yabo barebye mu ijuru, babona ikimenyetso cy'isezerano. Bya bicu bya rukokoma bicuze umwijima byari bitwikiriye ikirere bireyuka, kandi nk'uko byagendekeye Setefano, batumbiriye mu ijuru babona ikuzo ry'Imana n'iry'Umwana w'Umuntu bicaye ku ntebe ya cyami.

859 Yesaya 26:20, 21
860 Yesaya 30:29, 30

Bitegereje ishusho ye y'Ubumana, babona ibimenyetso byo kwicisha bugufi kwe; maze bumva asaba Se imbere y'abamarayika bera ati: "Data, ni wowe wabampaye none ndashaka kuzabana nabo aho nzaba ndi, kugira ngo bitegereze ikuzo wampaye kuko wakunze isi itararemwa."[861] Hongera kumvikana ijwi ry'indirimbo yo kunesha rivuga riti: Baraje! baraje ! Ni intungane, inziramakemwa n'abaziranenge. "Bakomeje ijambo ryo kwihangana kwanjye, bazajya bagendera hagati y'abamarayika;" maze ba bandi bari bafite mu maso hasuherewe kandi badidimanga, nyamara bakaba bakomeje kugundira kwizera kwabo, batera hejuru bavuza impundu zo kunesha.

Mu gicuku hagati nibwo Imana izerekana imbaraga zayo zo kurokora ubwoko bwayo. Izuba rizarasa rimurikishe umucyo w'imbaraga zaryo. Ibimenyetso n'ibitangaza bizakomeza gusimburana vuba vuba. Inkozi z'ibibi nizibona ibibaye zizarushaho gukuka imitima no gutangara, nyamara intungane zo zizanezezwa n'ibyo bimenyetso byo gutabarwa kwabo. Ibyaremwe byose bizaba bimeze nk'ibyahagaritse gahunda bisanganywe. Imigezi yatembaga izahagarara. Ibicu bya rukokoma kandi bicuze umwijima bizanyuranamo. Hagati mu kirere cy'ijuru gicuze umwijima, hazaboneka umwanya urabagiranamo ikuzo ritarondoreka, ahazumvikana ijwi ry'Imana rimeze nk'iry'amazi menshi asuma rigira riti: "Karabaye. "

Iryo jwi ritigisa ijuru n'isi. Habaho umutingito ukomeye, " kuva abantu baba ku isi, ntihigeze habaho umutingito w'isi ukaze nk'uwo."[862] Ijuru rigaragara nk'iryikinga rinikingura. Ikuzo rivuye ku ntebe y'Imana risa nirishashagirana. Imisozi irahubangana nk'urubingo ruhushywe n'umuyaga, maze ibitare biremereye kandi binini birameneka bikwira ahantu hose. Habaho gusuma nk'uguteguriza umuraba uteye ubwoba. Inyanja izikukana umuraba ukaze. Humvikana guhinda gukomeye kumeze nk'ijwi ry'abadayimoni bahawe inshingano yo kurimbura isi. Isi yose iradandabirana, yibira ikanuburuka nk'umuraba wo mu nyanja. Ubutaka bwayo bwiyasa imitutu. Imfatiro z'isi ziranyeganyega. Impinga z'imisozi zirarigita. Ibirwa bituwe n'abantu birazika. Ibyambu byo ku nyanja byari byarahindutse nka Sodomu kubera ubugome bimirwa n'amazi yivumbagatanyije. Babuloni ikomeye yibukwa imbere y'Imana "kugira ngo yuhirwe inzoga ibirira mu gikombe, ariyo burakari bwayo bukaze." Nuko amahindu manini ava mu ijuru agwira abantu, rimwe rifite uburemere bwaba nk'ibiro mirongo ine. Imirwa yuzuye ubwibone yo ku isi irasenyuka. Imidugudu ikomeye cyane n'ingoro z'abami, aho abakomeye bo mu isi barundanyirije ubutunzi bwabo kugira ngo bishyire hejuru, ibanza kurimbukira imbere y'amaso yabo babyirebera. Inkuta za gereza zirarindimuka, abantu b'Imana bari barafungiwemo kubera kwizera kwabo barasohoka.

Ibituro bizakinguka, kandi "benshi mu bapfuye bagahambwa bazazuka, bamwe bazahabwa ubugingo buhoraho, abandi bazakozwa isoni bacirwe ho iteka burundu."[863]Abapfuye bizera ubutumwa bwa marayika wa gatatu bose, bazasohoka mu bituro bafite ubwiza, kugira ngo bumve isezerano ry'amahoro Imana yagiranye n'abakomeza amategeko yayo bose. "Ndetse n'abatoboye umubiri we"[864], ba bandi

861 Yohana 17:24
862 Ibyahishuwe 16:17, 18
863 Daniyeli 12:2
864 Ibyahishuwe 1:7

bakwennye kandi bagashinyagurira Kristo asamba, ndetse n'abarwanyije ukuri kwe, bakarenganya ubwoko bwe, bazazukira kumubona aje mu ikuzo rye kandi banirebere uko abanambye kuri Kristo kandi bakamwumvira bazahabwa icyubahiro.

Ibicu biremereye bizaba bigitwikiriye isanzure ry'ijuru; nyamara izuba rizabinyuramo, rigaragare rimeze nk'ijisho rya Yehova rizanywe no guhora inzigo. Imirabyo ikaze iturutse mu ijuru itwikiriza isi ibirimi by'umuriro. Muri uko guhinda kw'inkuba guteye ubwoba, humvikana amajwi adasanzwe kandi ateye ubwoba atangaza irimbuka ry'abanyabyaha. Abantu bose ntibabashije gusobanukirwa amagambo yavuzwe; ariko yumviswe n'abigisha b'ibinyoma mu buryo bwihariye. Abantu bigeze gusuzugura, bibona kandi bakirata ubugome bagirira nabi abakomeza amategeko y'Imana, bazaba bumiwe, bihebye kandi bahinda umushyitsi kubera ubwoba. Imiborogo yabo izumvikana cyane kurenza amajwi yo guhinda kw'inkuba. Abadayimoni bazemera Ubumana bwa Kristo maze bahindire umushyitsi imbere y'ububasha bwe bukomeye, mu gihe abantu banze ukuri bazaba basaba imbabazi bigaragura mu mukungugu bafite ubwoba.

Abahanuzi ba kera ubwo baboneraga umunsi w'Umwami mu iyerekwa baravuze bati: "Nimucure umuborogo kuko umunsi w'Uhoraho wegereje. Uzaza umeze nka kirimbuzi uturutse kuri Nyiringabo."[865] "Nimwinjire mu masenga yo mu bitare, nimwihishe mu myobo, nimuhunge umujinya w'Uhoraho, nimuhunge ububasha bwe n'ikuzo rye. Umunyagasuzuguro wese azakozwa isoni, abirasi bazacishwa bugufi, uwo munsi ikuzo rizahabwa Uhoraho wenyine. Uhoraho Nyiringabo yashyizeho umunsi, yashyizeho umunsi wo gucira imanza abirasi n'abibone, abishyira hejuru bazacishwa bugufi." "Uwo munsi ibigirwamana by'ifeza n'izahabu bakoreye kuramya bazabijugunyira imbeba n'ubucurama. Bazihisha mu masenga yo mu bitare bahunga uburakari bw'Uhoraho, n'ububasha n'ikuzo bye ubwo azaba aje guhindisha isi umushyitsi.

Mu cyezi cy'ibyo bicu, hari inyenyeri ifite umucyo wakomezaga kwiyongera incuro enye ugereranyije n'umwijima uyizengurutse. Yasobanuraga ibyiringiro n'umunezero ku ndahemuka, ariko igasobanura umujinya n'uburakari ku bagomera amategeko y'Imana. Abahaze ibyabo bose kubwa Kristo bararinzwe, bahishwe nk'uko amabanga y'Imana ashyinguwe ahatavogerwa. Barageragejwe, kandi imbere y'ab'isi n'imbere y'abakerensa ukuri, bagaragara ko ari indahemuka ku wabapfiriye. Uguhinduka gutangaje kwabaye mu mibereho y'abo bantu bakomeje kugundira ubunyangamugayo bwabo igihe bari biteguye gupfa. Ako kanya bazatabarwa bakurwe mu mwijima w'ikandamiza riteye ubwoba rikorwa n'abantu bahindutse abadayimoni. Mu maso habo hahoze hasuherewe, bihebye, batentebutse, icyo gihe hazaba hakeye kubera umunezero, kwizera n'urukundo. Amajwi yabo ahanika mu ndirimbo yo kunesha bagira bati: " Imana niyo buhungiro bwacu ni yo itwongerera imbaraga, ni umutabazi uduhora hafi ngo atuvane mu makuba. Nicyo gituma tutagira icyo dutinya, nubwo isi yatigiswa n'imitingito, nubwo imisozi yose yakwiroha mu nyanja, nubwo inyanja yakwibirindura igahorera, nubwo imihengeri yayo yatigisa imisozi."[866]

865 Yesaya 13:6
866 Zaburi 46:1-3

Muri icyo gihe aya magambo yo kwiringira kandi atunganye rwose azazamuka imbere y'Imana, ibicu byeyuke, maze haboneke ijuru ritatse inyenyeri n'ikuzo ritarondoreka bihabanye cyane n'umwijima w'icuraburindi wari ku rundi ruhande. Ikuzo ry' Umurwa mukuru w'ijuru ryigaragarizaga mu marembo yawo. Mu isanzure ry'ijuru haboneka ikiganza gifashe ibisate bibiri by'amabuye bigerekeranye. Umuhanuzi abivuga atya ati: "Abo mu ijuru bahamya ubutungane bw'Imana bati,"Koko Imana ni umucamanza utabera."[867] Ayo mategeko azira inenge, agaragaza gukiranuka kw'Imana, yatangarijwe ku musozi Sinayi mu rusaku rw'inkuba no mu birimi by'umuriro, kugira ngo abe umuyobozi w'imibereho, muri iki gihe yahishuriwe abantu nk'itegeko rica urubanza. Ikiganza gifungura bya bisate by'amabuye, haboneka amabwiriza yose ari mu mategeko cumi y'Imana yandikishijwe ikaramu y'umuriro. Amagambo yayo yari mu nyuguti zigaragara cyane ku buryo umuntu wese ashobora kuyisomera bitamugoye. Nuko ubwenge bw'abantu burakanguka, umwijima w'imigenzo y'abantu n'ubuhakanyi, uhanagurika mu bitekerezo by'abantu bose, maze amagambo cumi y'Imana, ari mu ncamake, yumvikana kandi afite ububasha bukomeye yerekwa abatuye ku isi.

Ntibishoboka kubona amagambo yasobanura ubwoba n'ubwihebe bw'abasuzuguye amabwiriza yera y'Imana. Uhoraho yabahaye amategeko ye; bagombaga kugereranya imico yabo n'ayo mategeko maze bakimenyaho ubusembwa bwabo hari hakiri igihe cyo kwihana no kwivugurura; nyamara kubwo gushaka gutona mu b'isi, bayashyize ku ruhande, maze bigisha abantu kuyagomera. Biyemeje guhatira abantu b'Imana guhumanya Isabato yayo. None dore amategeko basuzuguye niyo abaciriye ho iteka. Muri uko kwitandukanya gukabije, basobanukiwe neza ko nta rwitwazo bafite. Bihitiyemo uwo bagomba gukorera no kuramya. Malaki aravuga ati: "Bityo muzongera mumenye itandukaniro riri hagati y'intungane n'abagome, n'iriri hagati y'abankorera n'abatankorera."[868]

Abanzi b'amategeko y'Imana, uhereye ku babwiriza bakomeye ukageza ku boroheje bo muri bo, bafite imyumvire mishya ku kuri n'inshingano. Bazaba baratinze kubona ko Isabato ari ryo tegeko rya kane ari ikimenyetso cy'Imana Ihoraho. Baje kumenya ukuri kw'isabato yabo y'impimbano barakererewe kandi basobanukirwa n'urufatiro bubatseho ko rudakomeye. Basanze ibyo bakoraga ari ukurwanya Imana. Abayobozi b'idini bigishije abantu babayobora mu irimbukiro, nyamara bavuga ko babayobora ku marembo ya Paradizo. Ku munsi ukomeye w'ingororano nibwo bazasobanukirwa n'uko abantu bakora imirimo yo mu buturo bwera bafite inshingano ikomeye, kandi ko hari ingaruka ziteye ubwoba z'abadasohoza inshingano zabo. Mu bihe bidashira, nibwo tuzashobora gucishiriza gusa tukamenya ko kuzimiza umuntu umwe, ari ububi buteye ubwoba. Habonye ishyano uzabwirwa aya magambo ngo:" Mva imbere wa mugaragu mubi we."

Ijwi ry'Imana ryumvikanira mu ijuru ritangaza umunsi n'isaha byo kugaruka kwa Yesu no guha abantu bayo isezerano rihoraho. Ayo magambo yumvikana ku isi ameze nko kubomborekana kw'inkuba n'imirabyo. Maze Ubwoko b'wImana burahagarara butegera amatwi ayo magambo kandi butumbiriye mu ijuru. Mu maso

867 Zaburi 50:6
868 Malaki 3:18

habo harabagirana umucyo w'ubwiza bwe, harabagirana nko mu maso ha Mose ubwo yamanukaga ku musozi Sinayi. Abanyabyaha ntibashoboraga guhangara kubareba. Kandi ubwo imigisha yahabwaga abubashye Imana bakomeza Isabato yayo yera, nibwo humvikanye amajwiy'indirimbo zo kunesha.

Bidatinze iburasirazuba haboneka agacu gato kirabura, kajya kungana na kimwe cya kabiri cy'ikiganza cy'umuntu. Ako gacu kari kazengurutse Umukiza kandi kasaga n'agakikijwe n'umwijima impande zose. Ubwoko bw'Imana bumenya ko icyo ari ikimenyetso cy'Umwana w'umuntu. Bakomeza gutumbira ako gacu mu ituze ryinshi, uko gakomeza kuza buhoro buhoro kegera isi, ni nako karushagaho kugira umucyo urabagirana n'ubwiza, kugeza igihe gahinduka igicu kinini, cy'umweru nk'amahindu, kandi aho gitangirira hasaga n'ibirimi by'umuriro, naho hejuru yacyo hari umukororombya w'isezerano. Yesu niwe wari imbere nk'Umugaba w'Umunyambaraga. Ubu bwo ntiyari wa "Muntu w'umunyamibabaro,"wo kunyweshwa cya gikombe gisharira kandi cy'urukozasoni n'amahano yose, aje ari Umuneshi mu ijuru no mu isi, kugira ngo acire imanza abazima n'abapfuye. "Indahemuka n'Umunyakuri", ashingiye ku butabera, aca imanza kandi akajya ku rugamba. "Kandi ingabo zo mu ijuru zari zimukurikiye."[869] Ashagawe n'iteraniro ry'Abamarayika bera batabarika, mu njyana yo mu ijuru, bahanika indirimbo y'ibyishimo. Ikirere cyose cyuzura urwo rwererane - Abamarayika ibihumbi cumi ka bihumbi cumi n'ibihumbi ka bihumbi. Nta karamu y'umwana w'umuntu yabasha gucishiriza ibyo bintu, nta bwenge bw'umuntu upfa bushobora gutekereza uko umucyo w'ubwiza bwabyo. "Ikuzo rye risesuye ijuru, kandi isi yuzuye ishimwe ry'abayisingiza. Irabagirana nk'urumuri."[870] Ubwo igicu gihoraho kizaba kigeze hafi, ijisho ryose rizabona Umutware w'ubugingo. Noneho ntazaba yambaye ikamba ry'amahwa muri rwa ruhanga rwe ruziranenge; ahubwo azaba atamirijwe ikamba ry'ubwiza mu ruhanga ruziranenge. Mu maso he hazaba harabagirana umucyo nk'uw'izuba ryo ku manywa y'ihangu. " Kandi ku mwambaro we no ku kibero cye handitse iri zina ngo: " Umwami ugenga abami n'Umutegetsi ugenga abategetsi."[871]

Imbere ye, "mu maso ha bose hari hasuherewe;" abahinyuye imbabazi z'Imana bafatwa n'ubwoba bwo kubura ibyiringiro by'iteka ryose. "Imitima irakuka, kandi amavi yabo arakomangana..... kandi mu maso habo harasuherwa."Abakiranutsi nabo bahinda umushyitsi batera hejuru bati: "Ninde ubasha guhagarara adatsinzwe?" Abamarayika bahagarika indirimbo zabo, habaho umwanya wo guceceka. Hanyuma bumva ijwi rya Yesu avuga ati: "Ubuntu bwanjye buraguhagije." Maze mu maso h'abakiranutsi haramurikirwa, kandi ibyishimo bisaba umutima w'umuntu wese. Nuko abamarayika bongera guhanika indirimbo mu gihe bari hafi kugera ku isi.

Umwami w'abami amanukira ku bicu, agoswe n'umuriro ugurumana. Ijuru rizingwa hamwe nk'umuzingo, isi yose ihindira umushyitsi imbere ye, kandi imisozi yose n'ibirwa bikurwa ahabyo. "Imana yacu iraje kandi ntije bucece, ibanjirijwe n'umuriro ukongora, ikikijwe n'inkubi y'umuyaga. Ihamagara abo mu ijuru n'abo ku isi, ibahamagarira gukurikirana urubanza icira ubwoko bwayo."[872]

869 Ibyahishuwe 19:11, 14
870 Habakuki3:3, 4
871 Ibyahishuwe 19:16
872 Zaburi 50:3, 4

"Abami batwara iyi si n'ibikomerezwa byayo, abagaba b'ingabo n'abakungu n'abanyambaraga, abakoreshwa agahato kimwe n'abigenga, bose biroha mu buvumo no mu bitare byo ku misozi ngo bihishe. Babwira imisozi n'ibitare bati: " Nimutugweho muduhishe amaso y'Iyicaye kuri ya ntebe ya cyami, muduhishe n'uburakari bw'umwana w'intama. " Uyu niwo munsi ukaze w'uburakari bwabo: ninde uzawurokoka?"

Ibishungero byabo biba birarangiye. Iminwa ivuga ibinyoma irazibwa. "Urusaku rw'imbunda n'imivurungano y'intambara birahosha, inkweto zose z'abasirikari zateraga ubwoba, igishura cyose cyazirinzwe mu maraso, ibyo byose bizatwikwa bikongoke." Nta kindi cyumvikanaga uretsi ijwi ritakamba n'iryo kurira no kuboroga. Urwamo rukomeye ruvuye mu kanwa k'abahoze bakobana rugira ruti: "Umunsi ukomeye w'umujinya w'Uwiteka uraje; ninde ubasha guhagarara adatsinzwe?" Abanyabyaha basaba imisozi n'ibitare ngo bibagwe hejuru, bibahambe aho gusumirwa n'uwo banze bakanamusuzugura.

Iryo jwi ryaracengeye rigera mu matwi y'abapfuye bararimenya. Mbega ukuntu ijwi ry'imbabazi n'urukundo ryahoraga ribahamagarira kwihana! Mbega ukuntu bahoraga bumva iryo jwi ribararika rivuye mu kanwa k'incuti, abavandimwe n'Umucunguzi! Ku banze kwakira ubuntu bw'Imana, nta rindi jwi ryashobora kubacira urubanza kuruta iryabahamagariraga kugarukira Imana, nka rya rindi ryamaze igihe kirekire cyane ribinginga riti: "Nimuhindukire mugaruke muve mu nzira zanyu mbi. Kuki mwarinda gupfa ?"[873] Mbega ngo rirababera nk'iry'umuntu batigeze kumenya! Yesu aravuga ati:" Narabahamagaye muraninira, nabaramburiye ukuboko ntihagira ubyitaho; ahubwo mwahinyuye inama zanjye zose no gucyaha kwanjye ntimubyitaho."[874] Iryo jwi ribibutsa ibyo birengagije - imiburo bahawe bakayipfobya, irarika banze kwitaba, n'amahirwe bahawe bakayapfusha ubusa.

Abo ni ba bandi bakobaga Kristo ubwo yicishaga bugufi. Binyuze mu mbaraga idasanzwe, bibukijwe amagambo y'Uwababajwe, igihe yarahizwaga n'Umutambyi mukuru, agasubiza akomeje ati: "Uhereye none muzabona umwana w'umuntu yicaye iburyo bw'Imana kandi muzamubona aje ku bicu byo mu ijuru."[875] None dore bamubonye mu cyubahiro cye, kandi bazanamubona yicaye iburyo bw'Imana.

Abahakanaga ko Kristo ari Umwana w'Imana babura icyo bavuga. Harimo Herode wishyiraga hejuru ahinyura Ubwami bwe, maze agategeka abasirikari be ngo bamwimikishe kumwambika ikamba ry'amahwa. Hari na ba bantu b'abagizi ba nabi, b'ibiganza byanduye, byahangaye kumwambika ikanzu y'umuhengeri, bakamutamiriza ikamba ry'amahwa mu ruhanga ruzira inenge, kandi bamupfumbatisha urubingo nk'inkoni y'ubwamimu mu kiganza cye kitagiraga uwo kirwanya, maze bamwikubita imbere bamukwena ngo baramuramye. Abantu bakubise kandi bagacira mu maso h'Igikomangoma gitanga ubugingo, babonye inkovu zirabagirana, bashaka guhunga kubera ubwiza bwe buhebuje. Ba bandi batoboje imisumari ibiganza bye n'ibirenge bye, umusirikari wamutoboje icumu mu rubavu, bitegereje izo nkovu bagira ubwoba bwinshi n'agahinda.

Mu buryo bwihariye, abatambyi n'abatware bibuka ibyabereye i Kaluvari. Bahinda

873 Ezekiyeli 33:11
874 Imigani 1:24, 25
875 Matayo 26:64

umushyitsi uvanze n'ubwoba bibutse uko bazunguzaga imitwe yabo, bayobowe na Satani n'ingabo ze bagatera hejuru bati:"Yakijije abandi none ananiwe kwikiza. Umva ko ari Umwami w'Abisiraheli, ngaho namanuke ku musaraba, nibwo tumwemera. Yiringiye Imana avuga ngo 'Ndi Umwana wayo', none reka turebe ko imurokora umva ko imukunda! "[876]

Bibuka neza umugani baciriwe n'Umukiza w'abantu banze guha Nyiri uruzabibu ku mbuto zo mu murima we, bagakubita abagaragu be ndetse bakica Umwana we. Bibuka kandi n'amagambo bivugiye ubwabo bati: Nyiruruzabibu "azarimbura abo bagaragu babi. " Mu cyaha no mu gihano cy'abo bantu b'abahemu, abatambyi n'abatware biboneye ubwabo ibyo bakoze n'urubanza bazacirwaho. Noneho habaho gutaka nk'uk'ugiye gupfa. Urwo rwamo rwarutaga rwa rundi bavuzaga bavuga ngo "Mubambe, Mubambe" rwumvikaniraga mu mihanda y'i Yerusalemu, rugira ruti: "Ni Umwana w'Imana, ni ukuri ni Messiya! Bashaka guhunga mu maso h'Umwami w'abami. Mu buvumo bwo mu misozi no mu bihanamanga, bashakashaka aho bihisha barahabura.

Mu mibereho y'abirengagije ukuri bose, hari ibihe umutimanama wabo ukanguka, igihe ubwenge bugarura bimwe mu byababaje umuntu ababo mu buryarya, maze umutima ukagira kwicuza by'imfabusa. Ariko se ibyo bimeze bite ubigereranyije no kwicuza ko kuri uwo munsi "igihe bazatungurwa n'ubwoba nk'umugaru", igihe kurimbuka kukaza nka serwakira!"[877]Abashatse kurimbura Kristo n'abamwizera, ubu noneho barahamya ubwabo ikuzo bababonanye. Muri icyo gihe cy'ubwoba bwinshi, bumva amajwi y'intungane batangarana umunezero bati: "Iyi niyo Mana yacu twategerezaga, niyo izadukiza."[878]

Hagati muri ubwo bwihebe isi izaba irimo, imirabyo izarabya, habeho guhinda kw'inkuba, ijwi ry'Umwana w'Imana rihamagare abaziranenge basinziririye mu bituro. Yitegereza ibituro by'intungane binyanyagiriye hose ku isi, arambura amaboko areba mu ijuru avuga ijwi rirenga ati: "Nimukanguke, nimukanguke, nimukanguke, yemwe abasinziririye mu mukungugu, nimubyuke!" Mu mpande zose z'isi, abasinziririye mu bituro bazumva iryo jwi, kandi abazaryumva bazongera kubaho. Isi yose izatigiswa n'imirindi y'ingabo nyinshi kandi zikomeye ziturutse mu bihugu byose, mu moko yose, mu ndimi zose, no mu bantu bose. Basohoka muri gereza y'urupfu, bambaye ubwiza n'icyubahiro byo kudapfa, batera hejuru bati: "Wa rupfu we urubori rwawe ruri he ? Wa rupfu we ukunesha kwawe kuri he?"[879] Nuko intungane zizaba ziriho n'izizaba zivuye mu bituro, zihuriza amajwi yazo hamwe, ziririmbana ibyishimo byinshi indirimbo yo kunesha.

Bose bava mu bituro bafite igihagararo babyinjiranyemo. Adamu ahagaze hagati y'iteraniro rinini ry'abazutse, abasumba bose kandi abaruta ubunini, icyakora ari mugufi ho gato k'Umwana w'Imana. Agaragaza itandukaniro riri hagati y'abantu babayeho uko ibinyejana byagiye bikurikirana; n'uko abantu bakomeje gusigingira mu buzima. Ariko noneho bose bazuka bafite itoto n'imbaraga za gisore kandi zihoraho. Mbere na mbere, umuntu yari yaremwe asa n'Imana, atari ku mico gusa,

876 Matayo 27:42, 43
877 Imigani 1:27
878 Yesaya 25:9
879 1Abakorinto 15:55

ahubwo no ku ishusho no mu miterere. Icyaha ni cyo cyahanaguye ndetse cyenda guhindura burundu ya shusho y'Imana umuntu yaremanywe; ariko Yesu yazanywe no kutugarurira ya shusho y'Imana twambuwe n'icyaha. Azahindura imibiri yacu y'ibisenzegeri maze ayihwanye n'umubiri w'ubwiza bwe. Umubiri upfa, umubiri ubora, wangiritse, wahindanyijwe n'icyaha, azawutunganya, uhinduke agahozo kandi uhabwe ukudapfa. Inenge yose n'ubumuga bwose bizasigara mu gituro. Abacunguwe bazahora bakura kugeza ubwo bazagera ku gihagararo cy'ubwiza bwe, kuko bazaba bagaruwe ku mbuto z'igiti cy'ubugingo cyo muri Edeni bari bamaze imyaka myinshi baranyazwe. Ibisigisigi by'umuvumo w'icyaha bizakurwaho, kandi indahemuka za Kristo zizarabagirana "ubwiza bw'Umwami Imana yacu, ari mu bwenge, mu bitekerezo no ku mibiri yabo, bigaragaza ishusho nyakuri y'Imana yabo izira inenge. Mbega ugucungurwa gutangaje! kwavuzwe igihe kirekire, gutegerezwa igihe kirekire! Bakakureba bakakwishimira, ariko ntibasobanukirwe neza uko kuzaba kumeze.

Abakiranutsi bakiri bazima bahindurwa "mu kanya gato nk'ako guhumbya kw'ijisho". Ku bw'ijwi ry'Imana gusa bahawe ubwiza; bambikwa ukudapfa, maze hamwe n'abaziranenge bazutse, barazamurwa, bajya gusanganira Umwami wabo mu kirere. Abamarayika bakoranya intore ze ziturutse mu birere bine, uhereye impera y'ijuru ukageza iyindi mpera yaryo. Abamarayika bera bazatwaza ababyeyi abana babo bato mu maboko yabo. Inshuti zatandukanyijwe n'urupfu bazabonana ubutazongera gutandukana, ubwo bazaba bazamuka bagana mu Murwa w'Imana, baririmba indirimbo z'ibyishimo.

Ku igare ryose riremwe n'ibicu hari amababa impande zose, kandi munsi rifite inziga zihoraho. Mu gihe igare ryose ritangiye urugendo, inziga zaryo ziba zivuga ziti: Uri 'Umuziranenge,' maze amababa yatangira kuguruka agatera hejuru cyane ati: " Uri Umuziranenge, noneho inteko y'Abamarayika nayo igakomeza iririmba iti: Umuziranenge, Umuziranenge, Umuziranenge Uhoraho Nyiringabo. Ubwo igare rizaba riri hafi kwinjira muri Yerusalemu nshya, abacunguwe nabo bazatera hejuru bikiriza bati: " HALELLUYA !"

Mbere yo kwinjira mu Murwa w'Imana, Umukiza azagabira abamwizera bose urwibutso rw'insinzi, kandi abambike n'ikimenyetso cyo gukiranuka. Imitwe y'Abamarayika barabagirana yiremamo imirongo y'impande enye zingana bakikije Umwami wabo, usumbya icyubahiro abamarayika bose n'abera bose, kandi ufite mu maso herekana urukundo rutarondoreka abafitiye. Muri iryo koraniro ry'abacunguwe batabarika, buri wese ahanga Umukiza amaso, ijisho ryose ryitegereza ikuzo ry'Uwahoranye mu "maso hahindanyijwe n'imibabaro kuruta undi muntu wese wabayeho n'ishusho yangijwe kuruta iz'abandi bose babayeho ku isi." Akoresheje ukuboko kwe kw'iburyo, Yesu yambika abanesheje bose amakamba y'icyubahiro ku mitwe yabo. Ku mutwe wa buri wese hariho ikamba ryanditseho "izina rye rishya" hamwe n'aya magambo ngo "Yerejwe Uhoraho." Yesu Buri wese yari afashe mu kuboko kwe ishami ry'umukindo n'inanga y'izahabu byerekana gutsinda. Noneho abamarayika bari imbere bafungura indirimbo, maze abacunguwe bose bafata inanga zabo, bacurangana ubuhanga buhanitse indirimbo nziza yakanguye imitima yabo kandi ifite injyana itazibagirana. Iyo ndirimbo yakoze ku mitima bitavugwa, maze ijwi ryose rishima Imana rigira riti, "Udukunda kandi wejesheje ibyaha byacu

amaraso ye, akaduhindura abami n'abatambyi b'Imana ye ariyo na Se, icyubahiro n'ubutware bibe ibye iteka ryose. Amen"[880]

Imbere y'iyo mbaga y'abacunguwe hari Umurwa Muziranenge. Yesu afungura amarembo yawo y'imaragarita, maze ishyanga ryagendeye mu kuri riwinjiramo. Bakigeramo babona Paradiso y'Imana, ariho Adamu yari atuye akiri inziramakemwa. Nuko rya jwi rimeze nk'indirimbo nziza ritarigera ryumvikana mu matwi y'abana b'abantu ryongera kumvikana rivuga riti: "Intambara mwarwanaga irarangiye" "Nimuze abo Data yahaye umugisha, muragwe ubwami bwabatunganyirijwe uhereye ku kuremwa kw'isi."

Isengesho Yesu yasabiye abigishwa be rirasohora: "Ndashaka ko n'abo wampaye Data babana nanjye aho ndi." Badafite inenge kandi buzuye umunezero utangaje n'ikuzo rihebuje, Yesu amurikira Se abo yaguze amaraso ye agira ati: "Dore ndi hano hamwe n'abo wampaye." "Abo wampaye narabarinze" Mbega ibitangaza by'urukundo twacungujwe! Muri icyo gihe Imana Data izaba yitegereza abacunguwe bavuye mu bise by'urupfu rw'umwana wayo, izababonana ishusho yayo, amacakubiri yazanywe n'icyaha yakuweho, ububi bwose bw'icyaha bwatsembweho, abantu bongeye gushyikirana n'ijuru!

NukoYesu yakirana abacunguwe urukundo rutangaje ati nimuze mwinjire mu munezero wa Shobuja. Umukiza azanezezwa no kubona abantu mu bwami bw'icyubahiro, bakijijwe binyuze mu mibabaro ye no kwicisha bugufi kwe kugeza ku rupfu. Abacunguwe bazanezeranwa na we ubwo bazabona abo bakirije Kristo binyuze mu masengesho yabo, imirimo yabo ndetse n'urukundo rwabo rwitanga. Ubwo bazaba bagose intebe Yera y'Ubwami ikomeye, imitima yabo izasabwa n'ibyishimo bitavugwa, nibabona abo bakirije Kristo, kandi nabo bagahindukira bakamukiriza abandi, bose bateraniye hamwe mu buruhukiro bw'ijuru, aho bazarambika amakamba yabo ku birenge bya Yesu, maze bagasimburana kumusingiza ubuzira herezo.

Ubwo abacunguwe bazaba bahawe ikaze mu Murwa w'Imana, amajwi y'ishimwe no kuramya azumvikanira mu kirere. Ba Adamu babiri bazaba bari hafi guhura. Umwana w'Imana azaba ahagaze ateze ibiganza bye kugira ngo yakire Sekuruza w'inyokomuntu – ikiremwa yiremeye, hanyuma agacumura k'Umuremyi we, kandi Umukiza akaba afite inkovu ku mubiri we kubera ibyaha by'uwo byamubambishije ku musaraba. Adamu wa mbere arabutswe inkovu z'imisumari mu biganza bya Adamu wa kabiri ntiyatinyuka kugwa mu gituza cy'Umwami we ngo bahoberane, ahubwo yicisha bugufi agwa ku birenge bye, ararangurura ati : "Umwana w'intama watambwe niwe ukwiriye ikuzo. " Mu rukundo rwinshi, Umukiza aramuhagurutsa amusaba kubura amaso ngo yongere arebe Edeni yahoze ari iye, hakaba hashize igihe kirekire yarayikuwemo.

Nyuma yo kwirukanwa mu murima wa Edeni, Adamu yagize imibereho yuzuyemo imibabaro n'agahinda ku isi. Ikibabi cyose cyahungukaga kikagwa hasi, igitambo cyose cyavushwaga amaraso, guhinduka kose kwabaga ku kiremwa cyose, inenge yose yabonekaga ku butungane bw'umuntu, ibyo byose byajyaga bimwibutsa icyaha yakoze. Yihebeshweje cyane no kubona gukiranirwa kumukomokaho

880 Ibyahishuwe 1:5,6

gukomeza kwiyongera, maze nk'igisubizo cy'imiburo yari yahawe, agahora yumva ibyaremwe byose bimushinja kuba ari we nyirabayazana. Yicishije bugufi kandi yihanganye, uwo mutwaro w'igihano cyo gukiranirwa yawumaranye imyaka hafi igihumbi. Hanyuma yihannye icyaha cye abikuye ku mutima, asigara yiringiye gusa Umukiza wasezeranijwe, maze apfana ibyiringiro byo kuzuka. Umwana w'Imana yacunguye umuntu amuvana mu buhenebere bwe no gucumura kwe; none ubu kubwo impongano Yesu yatanze, Adamu yasubijwe mu mwanya yahozemo mbere.

Asabwe n'ibyishimo, arabukwa ibiti byamunezezaga – ari nabyo ubwe yajyaga asoromaho amatunda igihe yari akiri umuziranenge kandi anezerewe. Abona imizabibu yajyaga ahingira n'amaboko ye, abona uburabyo bwiza yakundaga kubagarira. Ibitekerezo bye bigerageza kwiyibutsa ukuri kwabyo; asobanukirwa ko iyo ari Edeni yongeye guhabwa, ifite ubwiza burenze ubwo yari ifite igihe yayirukanwagamo. Umukiza amujyana ku giti cy'ubugingo, maze asoroma ku mbuto zacyo zihebuje kandi amutegeka kuziryaho. Adamu arebye ahazengurutse Umukiza abona imiryango ye myinshi y'abacunguwe, bahagaze muri Paradiso y'Imana. Nuko arambika ikamba rye rirabagirana ku birenge bya Yesu, amugwa mu gituza ahoberana n'Umucunguzi. Afata inanga y'izahabu, maze umurya w'inanga w'indirimbo zo kunesha urangira ijuru ryose:"Umwana w'intama watambwe kandi uriho, niwe ukwiriye icyubahiro!" Abo mu muryango wa Adamu bose biyambura amakamba yabo bayarambika ku birenge by'Umukiza, barapfukama maze baramuramya.

Iryo huriro ryahamijwe na ba bamarayika bacuraga umuborogo ubwo Adamu yacumuraga kandi bakongera kunezerwa igihe Yesu yazamukaga mu ijuru amaze kuzuka, agasiga akinguriye umuntu wese uzizera izina rye umuryango w'igituro ngo atazaheramo. Noneho ubu biboneye uko umurimo wo gucungura urangizwa, maze bahanikira icyarimwe indirimbo z'ishimwe.

Ku nyanja irabagirana iri imbere y'intebe y'ubwami, iyo nyanja y'ibirahuri bivanze n'umuriro – irabagiranaho icyubahiro cy'Imana, niho hari hateraniye abanesheje ya nyamaswa n'igishushanyo cyayo, n'ikimenyetso cyayo, ndetse n'umubare w'izina ryayo. Hamwe n'Umwana w'intama, uhagaze ku musozi Siyoni, bafite inanga z'Imana, abantu ibihumbi ijana na mirongo ine na bine, bacunguwe bakuwe mu bantu; humvikana ijwi rimeze nk'iry'amazi menshi asuma, n'irimeze nk'iryo guhinda kw'inkuba, "ijwi nk'iry'abacuranzi bacuraranga inanga zabo." Baririmbira indirimbo nshya imbere y'intebe y'Ubwami, nta muntu wabashije kwiga iyo ndirimbo keretse ba bantu ibihumbi ijana na mirongwo ine na bine. " Iyo ni indirimbo ya Mose n'iy'Umwana w'Intama, indirimbo yo gucungurwa. Nta muntu n'umwe wigeze kumeya iyo ndirimbo uretse bya bihumbi ijana na mirongo ine na bine; kuko ari indirimbo y'ibyo banyuzemo- kandi iyo mibereho ni iyabo ubwabo."Abo nibo bakurikira Umwana w'Intama aho ajya hose. " Bacunguriwe mu bantu kugira ngo babe umuganura ku Mana no ku Mwana w'Intama."[881] Abo nibo bavuye muri wa mu babaro mwinshi, banyuze mu bihe by'akaga katigeze kubaho uhereye igihe amahanga yabereyeho; banyuze mu mubabaro n'agahinda nk'ibyo mu gihe cya Yakobo; bahagaze bonyine batagira kirengera mu gihe yasukaga uburakari bwayo

881 Ibyahishuwe 15:2,3; 14:1-5

ku isi. Ariko bararinzwe kuko bari barameshe amakanzu yabo bayejesha amaraso y'Umwana w'Intama. "Mu kanwa kabo ntihabonetsemo ibinyoma kuko bari abaziranenge mu maso y'Imana. Nicyo gituma bahora imbere y'Imana, bayikorera ku manywa na nijoro mu Rusengero rwayo: Iyicaye ku ntebe y'Ubwami izabana nabo." Biboneye uko inzara n'ibyorezo byayogoje isi, babonye uko izuba ryokeje abantu n'icyokere gikomeye, kandi nabo ubwabo bishwe n'inzara n'inyota. Ariko ntibazongera kugira inzara n'inyota ukundi, ntibazongera kubabazwa n'izuba cyangwa icyokere cyaryo. Kuko Umwana w'Intama uri hagati y'intebe y'Ubwami azabaragira akabuhira ku isoko y'amazi y'ubugingo: kandi Imana izahanagura amarira yose ku maso yabo."[882]

Mu bihe byose, abo Umukiza yatoranyije bagiye bigira kandi bagatorezwa mu ishuri ry'ibigeragezo. Mu isi banyuraga mu nzira zifunganye; bagatunganyirizwa mu itanura ry'imibabaro. Kubwo kwizera Yesu, ab'isi barabarwanyije; banzwe urunuka, bashinjwe ibinyoma. Bamukurikiye mu nzira z'umubabaro ukomeye yanyuzemo; bahaze amagara yabo mu bihe by'umubabaro ukomeye kandi bagirirwa nabi. Muri iyo mibabaro ikaze bahuye nayo, bahigiye ububi bw'icyaha, imbaraga zacyo, ubuhendanyi bwacyo, n'ishyano kigusha ku bagikunda; ibyo bikabatera kukigendera kure. Ubusobanuro bw'igitambo gihoraho cyatanzwe kuba umuti wo kuvura icyaha, bwacishije bugufi imitima yabo, maze isabwa n'ishimwe no guhimbaza Imana ku buryo abataracumuye batashobora gushyikira. Bakunda cyane kuko bababariwe byinshi. Kuko basangiye imibabaro na Kristo, bafite uburenganzira bwo gusangira na we ikuzo rye.

Abaragwa b'Imana bavuye mu masenga, mu buvumo, muri kasho, muri gereza, ku biti babamanikagaho, mu misozi, mu butayu, mu bihanamanga n'imuhengeri mu nyanja. Mu isi bari abatindi, ibicibwa, n'abo kugirirwa nabi. "Miliyoni nyinshi bahambwe nk'abagome kuko bahagaze bashikamye bakanga kumvira ibishuko bya Satani. Mu nkiko zo ku isi, baciriweho iteka ko ari abagome ruharwa. "Ariko noneho Imana ubwayo niyo Mucamanza." Ibyemezo bafatiwe n'ab'isi birahindutse." Bazabita ubwoko buziranenge, abacunguwe n'Uhoraho." Yabageneye kubambika ikamba mu cyimbo cy'ivu n'amavuta yo kunezerwa mu cyimbo cy'ubwirabure, n'umwambaro w'ibyishimo mu cyimbo cy'umutima wihebye."[883] Ntibazongera guteguza ukundi, ntibazongera kubabara ukundi, ntibazongera gutatana ukundi kandi ntibazongera gukoreshwa uburetwa ukundi. Uhereye ubwo bazahorana n'Umwami wabo iteka ryose. Bazaba bari imbere y'intebe y'Ubwami bambaye amakanzu y'icyubahiro, ayo nta munyacyubahiro wo ku isi wigeze kuyambara. Bazatamirizwa amakamba y'ubwiza atarigera yambarwa n'abami b'icyubahiro bakomeye ku isi. Iminsi y'uburibwe no kuboroga izaba irangiye. Umwami w'icyubahiro azaba yamaze guhanagura amarira yose ku maso yabo; ibibabaza byose bizaba byakuweho. Bazaba bazunguza amashami y'imikindo, baririmba indirimbo yo guhimbaza, yumvikana, iryoheye amatwi, kandi amajwi ahuye; buri jwi ryikiranya n'irindi, kugeza ubwo ijuru ryose rizarangurrura riti: "Agakiza ni ak'Imana yacu, yicara kuri ya ntebe y'Ubwami, kandi ni ak'Umwana w'Intama. " Nuko abari mu ijuru bose barikiriza

882 Ibyahishuwe 7:14-17

883 Zaburi 50:6; Yesaya 25:8; 6:12; 61:3

bati: "Amina: Ugusingizwa n'ikuzo, ubwenge n'ugushimirwa, icyubahiro n'ububasha, n'imbaraga n 'iby'Imana yacu iteka ryose! Amina! "[884]

Muri ubu buzima, dushobora gutangira gusobanukirwa n'insanganyamatsiko itangaje yo gucungurwa. Mu bwenge bwacu buke, dushobora kwita cyane ku isoni n'icyubahiro, ubugingo n'urupfu, ubutabera n'imbabazi, byose bihurira ku musaraba; nyamara umwete wose twakorana, ibitekerezo byacu ntibishobora kugera ku busobanuro bwuzuye. Uburebure n'umurambararo, ubugari, ubuhagarike by'urukundo rwaducunguye, tubimenyaho agace. Inama y'agakiza ntizasobanukira abacunguwe mu buryo bwuzuye, ndetse no mu gihe bazaba bareba nkuko barebwa, bakamenya nkuko bamenywe, ariko mu kubaho kw'iteka, ukuri gushya kuzabahishurirwa, bagutangarire kandi kunezeze imitima. N'aho imibabaro no kuribwa, n'ibigeragezo by'isi hamwe n'impamvu zose zabiteraga bizaba byakuweho, ubwoko bw'Imana buzahora bunyuzwe kandi busobanukiwe n'agaciro k'agakiza kabo.

Umusaraba wa Kristo uzahora ari icyigisho n'indirimbo by'abacunguwe mu kubaho kwabo kose. Mu bwiza bwa Kristo bazahora babonamo Kristo wabambwe. Ntibazigera na rimwe bibagirwa ko Ufite imbaraga zaremye kandi zigakomeza amasi atabarika ari mu kirere, Ukundwa n'Imana, Nyiricyubahiro gihebuje cyo mu ijuru, Uwo abakerubi n'abaserafi banezererwa bakamuramya, yicishirije bugufi kugira ngo ashyire hejuru umuntu wacumuye; yikoreye ibicumuro n'ikimwaro kubera icyaha, no guhishwa mu maso ha Se, kugeza ubwo amahano yo ku isi yacumuye, aturitsa umutima we, maze Umwami w'icyubahiro atangira ku musaraba w' i Kaluvari. Kuba Umuremyi w'amasi yose, Umugenga w'ibiriho byose, wiyambuye icyubahiro cye, akicisha bugufi kubera urukundo yakunze umuntu- kizahora ari icyigisho gitangaje kandi gitere bose kuramya Umuremyi iteka ryose. Ubwo abacunguwe bazajya bitegereza Umucunguzi wabo, bakabona mu maso he hahora harabagirana icyubahiro cya Se; ubwo bazitegereza intebe ye y'Ubwami buzahoraho uko ibihe bihaye ibindi, kandi bakamenya neza ko Ingoma ye itazagira iherezo, bazasabwa n'umunezero baririmbe bati: "Umwana w'Intama watambwe, akaducunguza amaraso ye y'igiciro cyinshi ni we gusa ukwiriye icyubahiro!"

Ibanga ry'umusaraba riduhishurira andi mabanga yose. Mu mucyo warasiye i Kaluvari ku musaraba, imico y'Imana yaduteraga ubwoba no gutinya, tuyibona itatse ubwiza no kutwireherezaho. Imbabazi, ubugwaneza n'urukundo rwa kibyeyi bigaragarira kandi bigahurizwa mu buziranenge, mu butabera no mu bubasha. Iyo twitegereje gukomera kw'intebe y'Ubwami bwe, tukareba isumbwe n'ikuzo byayo, tubona uko imico yayo ihebuje yigaragaje, tukarushaho kumenya ubusobanuro buhoraho bw'iri jambo ngo: "DATA WA TWESE " kuruta mbere hose.

Bizagaragaza ko Ufite ubwenge butarondoreka, nta yindi mpano yagombaga gutanga ku gakiza kacu, keretse kwemera igitambo cy'umwana we. Inyiturano y'icyo gitambo ni umunezero wo kureba isi izaba ituwemo n'abacunguwe gusa, abaziranenge, abataye umuruho, kandi bazabaho iteka ryose. Ingaruka z'intambara Umukiza yarwanye n'imbaraga z'umwijima ni umunezero w'abazaba bacunguwe, bambaye ikuzo ry'Imana ibihe bidashira. Kandi ako niko gaciro k"umuntu Data wa

884 Ibyahishuwe &:10,12

twese azanyurwa nawe kubera igiciro cyatanzwe; na Kristo ubwe abonye imbuto zivuye mu gitambo cye gihebuje, aranyurwa.

Igice cya 41
Isi ihinduka umusaka

"Erega ibyaha byayo byarenze ihaniro, kandi Imana ntiyibagiwe ubugome bwa Babiloni. … Inzoga ikaze yabahaye muyiyihe irushijeho gukara incuro ebyiri. Aho Babiloni iyo yageze yiha ikuzo n'umurengwe, muhageze kuyiteza ububabare n'icyunamo. Dore iribwira iti, 'Ndimakajwe, ndi umwamikazi, sindi umupfakazi kandi sinteze kugira uwo ngira mu cyunamo bibaho! Ni yo mpamvu ibyorezo biyigenewe, ari byo ndwara zica no gupfusha n'inzara bizayigwira icyarimwe. Izashya ikongoke, kuko Nyagasani Imana yayiciriye urwo rubanza igira amaboko. Abami b'isi bihaye gusambana n'icyo cyatwa Babiloni bakarengwa, bazarira baboroge … bagire bati, 'Mbega ishyano! Mbega ishyano rikugwiriye, wowe Babiloni mujyi w'icyatwa w'igihangange! Isaha imwe irahagije kugira ngo akawe kabe gashobotse!"[885]

"Abacuruzi bo ku isi," "bakungahajwe n'umurengwe wayo utagira akagero", bazayitaza babonye inkongi y'umwotsi wayo kubera gutinya ububabare bwayo, bayiririre baboroga bagira bati: mbega Babuloni, Umujyi ukomeye ngo uragusha ishyano! Yambaye imyenda itukura kandi y'agaciro, yirimbishishije amabuye n'ibintu by'igiciro gihanitse bikozwe mu izahabu y'agaciro n'amabuye y'agahebuzo. Bazayiririra bayiraburire, kuko mu isaha imwe gusa, ubutunzi bwayo buhindutse umuyonga". [886]

Uko niko Babiloni izacirwaho iteka ku munsi ukomeye w'umujinya w'Imana. Yamaze gusendereza urugero rwo gukiranirwa kwayo, igihe cyayo kirasohoye, igiye gusarura kurimbuka.

Ubwo ijwi ry'Imana rizatangaza gucungurwa kw'ubwoko bwayo, hazaba ububyutse bukomeye kuri ba bandi batakaje byose mu ntambara y'ubuzima bwabo. Mu gihe imbabazi zari zikiriho, Satani yakomeje kubarindagiza, bakomeza gushishikazwa no kwitsindishiriza. Abakire biratanaga icyubahiro cy'ubutunzi bwabo, bagasuzugura abakene, kandi ubutunzi bwabo barabubonye banyuze mu nzira yo kugomera amategeko y'Imana. Ntibagaburiye abashonji, ntibambitse imyambaro abambaye ubusa, ntibakurikije ukuri ngo bagire urukundo n'imbabazi. Baharaniye kwishyira hejuru ngo bahabwe ikuzo n'abantu baremwe nka bo. None banyazwe ubutunzi bwabo bwose bwabaheshaga icyubahiro, basigaye batakigira kirengera, bararebana agahinda kenshi kurimbuka kw'ibigirwamana byabo bari barasimbuje Umuremyi wabo. Bagurishije ubugingo bwabo kugira ngo babone ubutunzi bw'isi n'ibinezeza byayo, ntibigeze batekereza ibyo kuba abatunzi mu by'Imana. Ingaruka yabaye kubura ubugingo bwabo, ubutunzi bwabo burabora, ibinezeza by'isi bibahindukira

885 Ibyahishuwe 18:5-10, Bibiliya Ijambo ry›Imana.
886 Ibyahishuwe 18:11, 3, 15-17.

umwaku, umunezero wabo uhinduka umubabaro, maze ibyo bungutse mu buzima bwabo byose, biyoyoka mu mwanya muto. Abakire bitegereje kurimbuka kw'amazu yabo y'ibitabashwa, izahabu n'ifeza byabo bitumurwa n'umuyaga. Ariko imiborogo yabo ihoshwa n'ubwoba bw'uko nabo ubwabo bagiye kurimburanwa n'ibishushanyo byabo basengaga.

Abanyabyaha bagira agahinda gakomeye, batabitewe n'uko bacumuye ku Mana no kuri bagenzi babo, ahubwo bababajwe n'uko Imana ari yo yanesheje. Baganyishwa n'izo ngaruka zimeze zityo; ariko ntibihana ububi bwabo. Iyo baza kugira ubushobozi, bari gukoresha uburyo bwose ngo bigarurire isi.

Abo ku isi bitegereza ya nteko y'abantu bari barahinduye ibishungero, basuzuguye, bashakaga gutsemba mu mwanya muto, barokotse ibyorezo, imiraba n'imitingito y'isi. Wa wundi ubera abica amategeko ye umuriro ukongora, abera ubwoko bwe ubwugamo n'ubuhungiro.

Umugabura ugurisha ukuri kugira ngo ashimwe n'abantu, ubu noneho asobanukiwe n'imiterere hamwe n'ingaruka z'inyigisho ze. Amenya neza ko ijisho ry'Uzibyose ryamukurikiranaga ari ku ruhimbi, ari mu nzira agenda, no mu gihe yabaga ari hamwe n'abantu mu bihe bitandukanye byo mu buzima bwe. Icyo umutima we utekereje cyose, umurongo wose w'amagambo yandika, ijambo ryose avuze, umurimo wose watuma abantu bashakira umutekano mu binyoma, byose binyanyagizwa ahantu hose nk'imbuto; none izo mpabe, abo bantu bamuzengurutse, bagiye kurimbuka yirebera uwo musaruro.

Uwiteka aravuga ati: "Uruguma rw'umukobwa w'ubwoko bwanjye barwomoye baruca hejuru bavuga bati: ni amahoro, ni amahoro, kandi ari nta mahoro ariho." "Kuko ibinyoma byanyu ari byo mwateje umutima w'umukiranutsi agahinda, mugakomeza amaboko y'inkozi y'ibibi kugira ngo idahindukira ikava mu nzira yayo mbi ikabaho."[887]

"Abungeri barimbura kandi bagatatanya intama zo mu rwuri rwanjye, bazabona ishyano. Dore ngiye kubitura ibibi by'ibyo mwakoze." "Nimuboroge mwa bungeri mwe, mutake cyane mwigaragure mu ivu yemwe batahiza b'umukumbi, kuko iminsi y'icyorezo n'iyo gutatana isohoye, kandi abungeri bazabura aho bahungira n'abatahiza b'imikumbi babure aho bacikira."[888]

Abungeri na rubanda babonye ko batakomeje kugirana isano nyakuri n'Imana. Basobanukirwa ko bagomeye Uwahanze amategeko y'intabera kandi yo gukiranuka. Bateshutse ku mabwiriza y'ijuru, ahubwo baha urwaho ibihumbi n'ibihumbi byo soko y'ibibi byose: amacakubiri, inzangano, gukiranirwa kugeza ko isi yose ihindutse ikotaniro ry'intambara z'amagambo no kwononekara kw'uburyo bwose. Uko niko abanze ukuri bagahitamo ibinyoma bameze muri iki gihe. Nta magambo ashobora gukoreshwa ngo asobanure umubabaro n'agahinda abagome banze Imana bazagira babonye ko babuze ubugingo buhoraho by'iteka ryose. Abantu isi yaramyaga kubera impano zabo n'imvugo zabo nziza, ubu noneho abatuye isi biboneye ukuri kw'ibintu uko byakabaye. Babonye ko ibyo bakoraga byari ubugome, noneho bikubita ku birenge by'abizera basuzuguraga, bakabahindura urw'amenyo, bahamya urukundo

887 Yeremiya 8:11; Ezekiyeri 13:22.
888 Yeremiya 23:1, 2; 25:34, 35

Imana yabakunze.

Abantu bamaze kumenya neza ko bayobye, basubiranyemo bamwe barega abandi ko babayoboye mu nzira yo kurimbuka; ariko cyane cyane, bose babigereka ku bungeri babo. Abungeri gito bagiye babwiriza abantu ibyo kubanezeza gusa; batumye ababumva bahinyura amategeko y'Imana kandi barenganya n'abashaka kuyakomeza. Mu kwiheba kw'abo bigisha, baturira imbere ya rubanda ko babayobeje. Nuko abantu bazabiranywa n'uburakari bugurumana. Batera hejuru n'ijwi rirenga bati: “Turarimbutse kandi nimwe tuzize." Maze bahindukirira ba bigisha b'ibinyoma, abo bajyaga barata cyane, noneho babahundazaho imivumo iteye ubwoba. Amaboko yakoreshwaga mu kubashiama, ni nayo bazayazamura kubarimbura. Inkota zakoreshejwe kurimbura abizera Imana, nizo zizakoreshwa kurimbura abanzi babo. Ahantu hose hazaba ari imirwano no kuvusha y'amaraso.

"Urusaku ruzagera ku mpera y'isi kuko Uwiteka afitanye urubanza n'amahanga, azaburanya umuntu wese na bo abanyabyaha azabagabiza inkota."[889] Mu myaka ibihumbi bitandatu, hakomeje kuba intambara ikomeye; umwana w'Imana n'intumwa ze zo mu ijuru bari ku rugamba bahanganyemo n'imbaraga z'umwijima, kugira ngo baburire, bamurikire kandi bakize abana b'abantu. Ubu abantu bose bamaze kwihitiramo; ababi bifatanyije na Satani mu mugambi wo kurwanya Imana. Igihe kirageze kugira ngo Imana igaragaze ububasha bw'amategeko yayo yaribatiwe hasi. Ntabwo iyo ntambara iri hagati y'Imana na Satani gusa, ahubwo iri no hagati y'abantu. "Uwiteka afitanye urubanza n'amahanga. "Na bo abanyabyaha azabagabiza inkota."

Ikimenyetso cyo gucungurwa cyamaze gushyirwa ku “baniha bagatakishwa n'ibizira bikorwa." Nuko marayika murimbuzi arakomeza nkuko bivugwa mu iyerekwa ry'umuhanuzi Ezekiyeli, wabonye abantu bitwaje intwaro zicana, bahawe iri tegeko ngo: "mutsembe umusaza n'umusore, inkumi n'abana bato n'abagore, ariko mumenye ntimugire icyo mutwara umuntu wese ufite ikimenyetso. Ndetse muhere mu buturo bwanjye bwera." Umuhanuzi akomeza agira ati: "Nuko bahera kuri abo basaza bari imbere y'inzu,"[890] Umurimo wo kurimbura utangiriye ku bantu biyitaga ko ari abarinzi b'iby'umwuka mu bantu. Abarinzi gito baguye rugikubita. Nta n'umwe uzagirirwa impuhwe cyangwa ngo arokoke. Abagabo n'abagore, abasore n'inkumi n'abana bato barimbukira rimwe.

"Kuko Uwiteka asohotse mu buturo bwe, azanywe no guhanira abo mu isi gukiranirwa kwabo. Isi izagaragaza amaraso yayo, kandi ntabwo izongera gutwikira abapfuye bo muri yo."[891] “Iki ni cyo cyago Uwiteka azateza amahanga yose yarwanyije Yerusalemu; bazashira bahagaze, amaso yabo azashirira mu bihenehene, kandi indimi zabo zizaborera mu kanwa. Uwo munsi imidugararo ikomeye iturutse ku Uwiteka izaba muri bo maze bazasubiranamo, umuntu wese azafata mugenzi we barwane.“[892] Muri iyo ntambara y'umwiryane, no mu gusukwa kw'umujinya w'Imana utavanze n'imbabazi na mba uzasukwa ku batuye ku isi: abatambyi, abanyamategeko na rubanda, abakire n'abakene, abakomeye n'aboroheje. "Uwo munsi abishwe n'Uwiteka bazaba hose uhereye ku mpera y'isi ukageza ku yindi mpera, ntibazaririrwa cyangwa ngo bakoranywe habe no guhambwa, bazaba nk'amase ari ku gasozi.“ [893]

Ubwo Kristo azagaruka, abanyabyaha bazarandurwa ku isi hose- bazakongorwa n'umwuka uvuye mu kanwa ke kandi batsembwe n'ukurabagirana kw'ubwiza bwe. Nuko Kristo ajyane abantu be mu Murwa w'Imana, kandi icyo gihe isi izasigara ari umwirare. "Dore Uwiteka arahindura isi umwirare, arayiraza, arayubika atatanya abaturage bayo." "Isi izanyagwa ihinduke umwirare rwose, kuko Uwiteka ariwe wabivuze." "Kuko bagomeye amategeko, bagahindura ibyategetswe, bakica isezerano ridakuka. Nicyo gituma umuvumo utsemba isi n'abayibamo, nicyo gitumye abaturage b'isi batwikwa hagasigara bake. "[894]

Isi igaragara imeze nk'ubutayu. Imijyi ikomeye n'imidugudu birimburwa n'umutingito w'isi, ibiti birariduka, inyanja zijugunya ibitare hejuru biramenagurika bikwira ku isi hose, maze imyorera miremire isigara ariyo yerekana aho imisozi yahoze ihagaze.

Ubu noneho igikorwa kizakurikiraho ni icyashushanywaga n'umurimo uheruka wakorwaga ku munsi w'impongano. Igihe umurimo ukorerwa ahera cyane wabaga urangiye, n'ibyaha byose by'Abisiraheli byamaze gukurwa mu buturo bwera mu muhango w'amaraso y'igitambo cy'icyaha, icyo gihe ihene ya Azazeli yerekanirwaga imbere y'Uwiteka ikiri nzima, maze umutambyi mukuru ari imbere y'iteraniro akayaturiraho “gukiranirwa kw'Abiraheli kose n'ibicumuro byabo byose, ibyaha bakoze byose akabishyira mu ruhanga rw'iyo hene.“[895] Niko bizamera ubwo umurimo wo guhongerera ibyaha uzaba urangiye mu buturo bwera bwo mu ijuru, imbere y'Imana n'imbere y'abamarayika bera n'imbere y'ingabo z'abacunguwe, ibyaha byakozwe n'ubwoko bw'Imana bizashyirwa kuri Satani; ahamywe ko ariwe Se w'ibibi byose yakoresheje abantu. Kandi nkuko ihene ya Azazeli yoherwaga mu butayu butagira abantu, niko na Satani azoherwa mu isi yabaye umwirare, ikidaturwa n'ubutayu bucuze umwijima.

Umuhishuzi yasobanuye iby'uko koherwa kwa Satani avuga n'uko isi y'umwirare izaba imeze, avuga n'uko izamara imyaka igihumbi imeze ityo. Nyuma yo gusobanura uko kugaruka kw'Umwami no kurimbuka kw'inkozi z'ibibi kuzaba kumeze, umuhanuzi akomeza agira ati:" Mbona marayika amanuka ava mu ijuru, afite urufunguzo rwo gufungura ikuzimu, afite n'umunyururu munini mu ntoki ze. Afata cya kiyoka ari cyo ya nzoka ya kera ari yo mwanzi na Satani, akibohera kugira ngo kimare imyaka igihumbi akijugunya ikuzimu aragifungirana, agishyiraho ikimenyetso gifatanya kugira ngo kitongera kuyobya amahanga kugeza aho iyo myaka igihumbi izashirira, icyakora iyo myaka nishira, gikwiriye kubohorwa kugira ngo kimare igihe gito. "[896]

Ubusobanuro bw'ijambo "ikuzimu" bwerekana isi iri mu kayubi kandi itwikiriwe n'umwijima w'icuraburindi, buboneka n'o mu zindi nyandiko. Ibyerekeranye n'uko isi yari imeze ikiremwa, Bibiliya ivuga ko “mbere na mbere“ isi “itagiraga ishusho

889 Yeremiya 25:31
890 Ezekiyeri 9:1-6.
891 Yesaya 26:21
892 Zekariya 14:12, 13
893 Yeremiya 25:33
894 Yesaya 24:1, 3, 5, 6.
895 Abalewi 16:21
896 Ibyahishuwe 20:1-3

kandi ko yariho ubusa busa, umwijima wari hejuru y'imuhengeri."[897] Ubuhanuzi butwigisha ko isi izongera kumera ityo. Turebye imbere ku munsi ukomeye w'Imana, umuhanuzi Yeremiya aravuga ati: "Nitegereje isi, mbona idafite ishusho kandi irimo ubusa, n'ijuru naryo nta mucyo rifite. Nitegereje imisozi miremire mbona itigita, ndetse n'iyindi yose nayo inyeganyega. Nitegereje mbona nta muntu uhari, inyoni zo mu kirere zose zahunze. Nongeye kwitegereza mbona ibibaya birumbuka byarahindutse ubutayu, kandi imidugudu yose yarahindutse amatongo. "[898]

Icyo gihe isi izaba yahindutse ubuturo bwa Satani n'abamarayika be, aho bazatura bakahamara imyaka igihumbi. Azaba azitiriwe muri uwo mwijima kuko azaba aboshywe adashobora kugera mu yandi masi ngo abe yashuka n'abandi batigeze gukora icyaha. Ibyo bigaragaza neza ko azaba afungishijwe iminyururu: nta muntu n'umwe uzaba asigaye ngo amwerekanireho ububasha bwe. Azaba yarambuwe rwose umurimo w'ubuhendanyi n'uwo kurimbura yamaze imyaka myinshi ashimishwa no guteza mu bantu.

Umuhanuzi Yesaya asubije amaso inyuma mu gihe Satani yacibwaga mu ijuru, aratangara ati: "Mbese wahanantutse ute mu ijuru, Lusiferi wowe nyenyeri irabagirana mu rukerera? Wajugunywe ute ku isi, wowe wigeze gutsinda amahanga? … Waribwiraga uti 'Nzazamuka ngere mu ijuru, intebe yanjye nzayishyira hejuru y'inyenyeri z'Imana. … Nzareshya n'Imana Isumbabyose.' Nyamara dore wahananturiwe ikuzimu, washyizwe mu rwobo hasi cyane. Abakubona barakwitegereza cyane, baguhanze amaso ubudahumbya bibaza bati 'Mbese uyu ni wa muntu wahindishaga ab'isi umushyitsi, wa wundi wateraga ubwoba ibihugu, wa muntu wahinduye isi ubutayu, wa wundi warimbuye imijyi, wanze kurekura imfungwa kugira ngo zisubire iwabo?' "[899]

Mu myaka ibihumbi bitandatu, umurimo wa Satani w'ubwigomeke "wahindishije ab'isi umushyitsi." Yari "yarahinduye isi ubutayu, arimbura imijyi y'aho." Ndetse ni we "wanze kurekura imfungwa kugira ngo zisubire iwabo." Mu myaka ibihumbi bitandatu, iyi gereza afungiwemo, niyo yari yarafungiyemo ubwoko bw'Imana kandi we yari yaragambiriye kubafungiramo ubuzira herezo; ariko Kristo yaciye izo ngoyi maze afungura izo mfungwa.

Ndetse na bugingo n'ubu ababi ntibakiri munsi y'ubutware bwa Satani, ubwe ni we wari usigaranye n'abamarayika be babi kugira ngo barebe ingaruka z'umuvumo icyaha cyazanye mu isi. "Koko rero, abami bose b'amahanga bahambanwa icyubahiro, buri wese ashyingurwa mu mva ye. Nyamara wowe wajugunywe hanze y'imva yawe, wajugunywe nk'ishami riteye ishozi. … Ntuzahambwa nk'abandi bami, koko rero washenye igihugu cyawe, wishe kandi abantu bawe. "[900]

Mu gihe cy'imyaka igihumbi, Satani azaba abuyera ku isi y'umwirare yitegereza ingaruka zo kugomera amategeko y'Imana kwe. Muri icyo gihe, umubabaro we uzaba ukomeye. Guhera igihe yagomeraga Imana, umuhati we wo gukora ubutaruhuka watumaga atihugiraho ngo atekereze amaherezo y'ibizamubaho; ariko noneho yari yambuwe imbaraga ze zose, asigirwa gusa umurimo wo kwitegereza

897 Itangiriro 1:2
898 Yeremiya 4:23-26
899 Yesaya 14:12-17, Bibiliya Ijambo ry›Imana.
900 Yesaya 14:18-20

umugabane w'ibyo yari yaramaze gukora ubwo ariwe wabaye nyambere mu kugomera ubutegetsi bw'ijuru, no kureba umubabaro umutegereje kubw'ibyo bibi byose yakoze, n'igihano cy'ibyaha bigwiriye ku isi yose ari we bikomotseho, ibyo bigatuma agira ubwoba bwinshi maze agahinda umushyitsi.

Ku ruhande rw'abana b'Imana, ukoherwa kwa Satani kuzabatera umunezero n'ibyishimo. Umuhanuzi aragira ati, "Uwo munsi Uwiteka namara kukuruhura umubabaro n'umuruho n'agahato bagukoreshaga, umwami w'i Babuloni (ushushanya hano Satani) uzamukina ku mubyimba uti: "Erega umunyagahato ashizeho! Umurwa w'izahabu na wo ushizeho, Uwiteka avunnye inkoni y'abanyabyaha, niyo nkoni y'abategeka, bakubitishaga amahanga umujinya badahwema, bagategekesha amahanga uburakari, bakarenganya ntihagire ubabuza. "[901] Mu gihe cy'imyaka igihumbi, hagati y'umuzuko wa mbere n'uwa kabiri, nibwo abanyabyaha bazacirwa imanza. Intumwa Pawulo avuga ko uru rubanza ari igikorwa kizakurikira kugaruka kwa Yesu. "Nicyo gituma mudakwiriye guca urubanza rw'ikintu cyose, igihe cyarwo kitarasohora, kugeza ubwo Umwami wacu azaza agatangaza ibyari byahishwe mu mwijima, kandi akagaragaza n'imigambi yo mu mutima."[902] Umuhanuzi Daniyeli ahamya ko igihe Umukuru Nyiribihe byose yazaga, "igihe cyarageze intore z'Ishoborabyose zirarenganurwa."[903] Muri icyo gihe, abakiranutsi bazaba ari abami n'abatambyi b'Imana. Mu Byahishuwe, Yohana aravuga ati: "Mbona intebe z'Ubwami mbona bazicaraho bahabwa ubucamanza." "Bazaba abatambyi b'Imana na Kristo kandi bazimana na We imyaka igihumbi."[904] Nk'uko intumwa Pawulo abivuga, ni muri icyo gihe "abera bazacira isi urubanza. "[905] Hamwe na Kristo, abakiranutsi bazacira abakiranirwa imanza, hakurikijwe amahame ya Bibiliya, urubanza rucibwe hakurikijwe iby'umuntu wese yakoze akiriho. Kandi na none bazagenera igihano kibabaje umuntu wese hakurikijwe ibyo yakoze; maze byandikwe imbere y'amazina yabo aboneka mu gitabo cy'urupfu.

Satani n'abamarayika be na bo bazacirwa urubanza na Kristo hamwe n'abera: Intumwa Pawulo abivuga yeruye ati, "Ntimuzi ndetse yuko tuzacira abamarayika urubanza? " Yuda na we avuga ko "Abamarayika batarinze ubutware bwabo, ahubwo bakareka ubuturo bwabo, ibarindira mu minyururu idashira no mu mwijima w'icuraburindi kugira ngo bacirwe ho iteka ku munsi ukomeye."[906]

Ku iherezo ry'imyaka igihumbi, hazabaho umuzuko wa kabiri. Abanyabyaha bazazuka, bahagarare imbere y'Imana kugira ngo harangizwe urubanza rwaciriwe mu ijuru. Nyuma yo gusobanura iby'umuzuko w'abakiranutsi, umuhishuzi yaravuze ati: "Abapfuye basigaye ntibazuka iyo myaka igihumbi itarashira."[907] Umuhanuzi Yesaya na we yanditse ibizaba ku banyabyaha agira ati: "Bazateranyirizwa hamwe nk'uko imbohe ziteranyirizwa mu rwobo, bazakingiranirwa mu nzu y'imbohe, kandi *iminsi myinshi nishira bazagendererwa.* "[908]

901 Yesaya 14:3-6
902 1Abakorinto 4:5
903 Daniyeli 7:22
904 Ibyahishuwe 20:4, 6
905 1 Abakorinto 6:2
906 Yuda 6
907 Ibyahishuwe 20:5
908 Yesaya 24:22.

IGICE CYA 42

INDUNDURO Y'INTAMBARA

Ku iherezo ry'imyaka igihumbi, Kristo yongera kugaruka Ku isi. Aza aherekejwe n'ibihumbi byinshi by'abacunguwe kandi bashagawe n'ingabo z'abamarayika. Akimanuka mu cyubahiro n'igitinyiro, ahamagarira abanyabyaha kuzuka kugira ngo bacirweho iteka. Bava mu bituro, ari iteraniro rinini, ringana n'umusenyi wo ku nyanja. Mbega itandukaniro hagati yabo n'abazutse ku muzuko wa mbere! Abakiranutsi bazutse bambaye ishusho yo kudapfa kandi y'ubwiza n'imbaraga za gisore. Abanyabyaha bo bazukana ibimenyetso by'indwara n'urupfu.

Muri iryo teraniro ry'abantu batabarika, ijisho ryose rizarangamira ikuzo ry'Umwana w'Imana. Abanyabyaha bahuriza hamwe bati: "Hahirwa uje mu izina ry'Uwiteka!" Aya magambo ntibayavugishijwe no gukunda Yesu. Imbaraga yo guhamya ukuri niyo yahatiye iminwa yabo kuvuga ibyo badashaka. Nk'uko abanyabyaha bamanuwe mu bituro byabo, niko babisohotsemo bacyanga Yesu kandi bagifite wa mwuka w'ubugome. Ntabwo bari bakeneye ikindi gihe cy'imbabazi cyo gutunganya imibereho yabo yo mu gihe cyashize. N'undi mwanya wo kwihana bahabwa waba ari imfabusa. Igihe bamaze bagomera Imana nticyateye imitima yabo koroha ngo ihinduke mishya. Igihe cy'imbabazi bakongera guhabwa bagikoresha nk'icya mbere barwanya amategeko y'Imana no kubyutsa imvururu boshya abandi kuyigomera.

Kristo amanukira ku musozi wa Elayono, aho yazamukiye ajya mu ijuru ubwo yari amaze kuzuka, igihe abamarayika basubiraga mu isezerano ryo kugaruka kwe. Umuhanuzi ati: "Uwiteka Imana yanjye izazana n'abera bose. "Uwo munsi azashinga ibirenge bye ku musozi wa Elayono werekeye iburasirazuba bwa Yerusalemu. Uwo musozi wa Elayono uzasadukamo kabiri, maze ucikemo igikombe kinini cyane. Kandi Uwiteka azaba Umwami w'isi yose. Uwo munsi Uwiteka azaba umwe n'izina rye rizaba rimwe."[909] Ubwo Yerusalemu Nshya, izamanuka mu ijuru, ifite ubwiza burabagirana, ishyirwe ahantu hatunganyijwe kandi hateguruwe kuyakira, maze Kristo n'ubwoko bwe n'abamarayika binjire mu Murwa Wera.

Ubwo nibwo Satani azitegura kurwana urugamba rukomeye kandi ruheruka agira ngo afate ubutegetsi. Nubwo yambuwe imbaraga yahoranye, agatandukanywa n'umurimo we w'ubushukanyi, umutware w'ibibi byose yari asigaye ari yihebye kandi anyinyiriwe; ariko abonye akikijwe n'ingabo zitabarika z'abanyabyaha bazutse, yongera kugira ibyiringiro, agambirira kutavirira iyo ntambara ikomeye. Azajya imbere y'izo ngabo zose z'abazimiye zigendere munsi y'ibendera rye maze abone uko asohoza umugambi we. Abanyabyaha bose ni imbohe ze. Mu kwanga Kristo bahisemo kuyoboka uwamugomeye, ariwe muyobozi w'abagome. Bari biteguye kumvira inama zose kandi bakagendera ku mategeko ye yose. Ariko kuko yari agikoresha ubucakura bwe bwa kera, ntiyigeze yemera ko ari we Satani. Yababwiye ko ari we gikomangoma kigenewe kuragwa isi, none akaba yarahugujwe umurage wari uwe. Agaragariza izo ngabo yayobeje ko ari umucunguzi wabo, abemeza ko yakoresheje ububasha bwe kugira ngo bazuke bava mu bituro, kandi ko ari hafi kubatabara, akabavana no mu bucakara bukomeye. Muri icyo gihe ubwiza bwa Kristo buzaba bwabakuweho, maze Satani akorera ibitangaza imbere yabo byo gushyigikira amagambo amaze kubabwira. Abanyantege nke abongeramo imbaraga, maze abashyiramo umwuka n'imbaraga bye. Ahera ko abaha inama zo kugaba igitero ku bacunguwe ngo bigarurire Umurwa w'Imana. Kwa kwishyira hejuru yatangiranye kera kumufasha gutunga urutoki kuri za milioni nyinshi z'abazutse, abatangariza ko igihe ari umugaba wabo bazatsinda nta kabuza, bakigarurira umurwa, maze akicara ku ntebe ya cyami.

909 Zekariya 14:4, 9

Muri iryo koraniro ry'abantu batabarika, harimo ba bandi baramaga cyane babayeho mbere y'umwuzure; abantu banini kandi barebare, ibihangange by'abanyabwenge, bari bariyeguriye kuyoborwa n'abamarayika bacumuye, bari bafite ubuhanga n'ubumenyi bihanitse bakoreshaga mu kwishyira hejuru; bagakora imyuga itangaje yatumaga abantu bababona nk'ibigirwamana, ariko ubugome n'ibihimbano byabo byononnye isi ya kera kandi byangiza n'ishusho y'Imana mu bantu, nicyo cyatumye Imana ibahanagura mu maso mu byo yaremye. Harimo abami n'abagaba b'ingabo z'amahanga, abantu b'intwari batigeze gutsindwa ku rugamba na rimwe, abibone, abakunzi b'intambara, igitero cyabo cyatumaga abami b'amahanga bahinda umushyitsi. Mu gihe cy'urupfu, imico yabo ntiyahindutse. Ubwo bazaba bavuye mu bituro, bazaba bagifite umwete wo gusubukura imigambi yabo aho yacumbikiwe. Bazaba bashishikajwe no gushaka kwiganzura ababanesheje.

Satani amaze gukorana inama n'abamarayika be, ayimenyesha abo bami n'abatware b'ingabo n'abakomeye bose. Bitegereje imbaraga zabo n'ubwinshi bwabo, bavuga ko umubare w'ingabo ziri mu Murwa ari nkeya ugereranyije n'ingabo zabo, ko bashobora gutsinda nta kabuza. Bafata umugambi wo kwigarurira ubutunzi n'ikuzo bya Yerusalemu Nshya. Bose uko bangana baherako bitegura urugamba. Abahanga bo muri bo batangira gucura intwaro z'intambara zikomeye. Abagaba b'ingabo bahoranaga amahirwe yo gutsinda intambara, bashyirirwaho kuyobora ibitero mu matsinda manini n'amato.

Noneho ikimenyetso cyo gutangira intambara kiratangwa maze izo ngabo zitabarika zitangira kugenda, ingabo zitigeze kuboneka mu mateka y'intambara zo ku isi, ingabo zihuje imbaraga zo mu bihe byose, uhereye igihe intambara zatangiriye ku isi, nta zigeze zihwana n'iryo koraniro ry'abarwanyi. Satani umurwanyi urusha abarwanyi bose abarangaza imbere hamwe n'abamarayika be, bahuza imbaraga zabo muri urwo rugamba ruheruka. Abami n'abagaba b'ingabo nabo bakurikiraho, maze imbaga nyamwinshi y'abantu babahomboka inyuma, ariko nabo bari mu matsinda, itsinda ryose rifite umuyobozi waryo. Mu mugambi udatezuka wa gisirikari, inteko zose zimaze gusatira Yerusalemu Nshya Umurwa w'Imana.Yesu atanga itegeko ryo gufunga amarembo ya Yerusalemu Nshya, maze ingabo za Satani zirawugota, zitegura kuwufata.

Nuko Yesu yongera kwiyereka abanzi be. Ahirengeye Umurwa ku rufatiro rurimbishijwe izahabu, hari intebe y'Ubwami ikomeye kandi ishyizwe hejuru. Umwana w'Imana yari ayicayeho, akikijwe n'ibikomangoma by'Ubwami bwe. Nta mvugo y'umuntu, nta karamu yashobora gusobanura no kwandika imbaraga

n'igitinyiro by'ishusho Yesu yari afite icyo gihe. Icyubahiro cy'Imana Data cyambitswe Umwana we. Ubwiza bwe bwuzura Umurwa w'Imana, burasira ku marembo y'Umurwa wose, burasohoka bumurika ku isi hose.

Hafi y'intebe ya Cyami, hari ba bandi babanje gukorera Satani bafite umwete, hanyuma bagakurwayo nk'umushimu ukuwe mu muriro, bagakurikira Umukiza bitanze burundu. Hakurikiyeho abashikamye mu kuri kwa Kristo mu gihe cy'ubuhakanyi n'ubugome bukomeye, bakomeje amategeko y'Imana mu gihe mu isi ya Gikristo batangazaga ko bayakuyeho, hamwe na za miliyoni nyinshi z'abarenganyirijwe kwizera kwabo bo mu bihe byose. Hirya hari "iteraniro ry'abantu umuntu atabasha kubara bo mu mahanga yose, mu moko yose, imiryango yose, n'indimi zose, bari imbere y'intebe ya Cyami n'imbere y'Umwana w'intama, bambaye ibishura byera, kandi bafite amashami y'imikindo mu ntoki zabo."[910] Intambara yabo yari yararangiye, baratsinze burundu. Barwanye intambara barangiza urugendo none bahawe ingororano zabo. Amashami y'imikindo ari mu ntoki zabo ni ikimenyetso cy'insinzi; imyambaro yera igaragaza ubutungane butagira inenge bwa Kristo, none bukaba bwarabaye ubwabo.

Abacunguwe bose bahanika indirimbo y'ishimwe, maze amajwi yayo asakara mu birere by'ijuru: "Agakiza ni ak'Imana yacu yicaye ku ntebe, n'ak'Umwana w'intama."[911]Nuko amajwi y'abamarayika n'abaserafi, ahurizwa hamwe n'ay'abacunguwe guhimbaza Imana. Abacunguwe babonye imbaraga n'ubucakura bya Satani, basobanukirwa kuruta mbere hose ko Kristo ariwe ubaneshereje. Muri iryo teraniro rinini ry'abera, nta n'umwe wigeze atekereza ko ako gakiza bagahawe n'imbaraga zabo cyangwa n'ubugwaneza bwabo. Nta cyavuzwe cyerekeye ku byo bakoze cyangwa ku by'akarengane kabo, ariko icyari cyibanzweho cyane, ni indirimbo yaririmbwagwa gusa ari yo, "Agakiza ni ak'Imana yacu n'Umwana w'intama. "

Nuko Umwana w'Imana atamirizwa ikamba rya Cyami ubuheruka imbere y'ihuriro ry'abacunguwe n'ingabo zose zo mu ijuru. Amaze guhabwa iryo kuzo, icyubahiro n'imbaraga bisumba ibindi, Umwami w'abami atangaza igihano gikwiriye abigometse ku butegetsi bwe, kandi asohoza ubutabera ku bagomeye amategeko ye bakarenganya abamwizera. Umuhanuzi w'Imana yaravuze ati: "Mbona intebe y'Ubwami nini yera, mbona n'Iyicayeho, isi n'ijuru bihunga mu maso hayo, ahabyo ntihaba hakiboneka. Mbona abapfuye abakomeye n'aboroheje bahagaze imbere y'iyo ntebe, nuko ibitabo birabumburwa. Kandi n'ikindi gitabo kirabumburwa, ari cyo gitabo cy'ubugingo. Abapfuye bacirwa imanza z'ibyanditswe muri ibyo bitabo zikwiriye ibyo bakoze."[912]

Ibitabo bikimara kubumburwa, Yesu ahanga amaso ku bantu b'inkozi z'ibibi, bahita bibuka kandi bemera ibyaha bakoze. Babona neza aho bagiye bateshuka bakava mu nzira y'ubutungane n'ubuziranenge; basobanukirwa ko ubwibone n'ubugome byabo ari byo byabateye kugomera amategeko y'Imana. Ibishuko bemeye k'ubushake bwabo bitwaje ko bazagura imbabazi z'ibyaha byabo, imigisha y'Imana bafashe

910 Ibyahishuwe 7:9

911 Ibyahishuwe 7:10

912 Ibyahishuwe 20:11, 12

uko itari, intumwa z'Imana basuzuguye, amagambo y'imbuzi bakomeje gukerensa, imbabazi nyinshi imitima yabo inangiye yanze kwakira, ibyo byose byari imbere yabo bimeze nk'ibyandikishijwe inyuguti z'umuriro.

Hejuru y'intebe ya Cyami haboneka Umusaraba; kandi haboneka ibisa n'amashusho y'uruhererekane yerekana ukugeragezwa kwa Adamu no kugwa kwe, ndetse n'urukurikirane rwo gusohora kw'inama ikomeye y'agakiza. Haboneka amashusho y'Umukiza avukira mu muryango wa gikene, imibereho ye yo kwicisha bugufi no kumvira, kubatizwa kwe mu ruzi rwa Yorodani; kwigomwa kurya no kugeragezwa kwe ari mu butayu; Umurimo we wo kubwiriza ubutumwa no guha abantu imigisha ikomeye ituruka mu ijuru; iminsi yamaze akora imirimo y'urukundo n'imbabazi; ndetse n'amajoro yaraye wenyine atagoheka asenga Imana mu mpinga z'imisozi. Imigambi n'ishyari bamugiriye, urwango n'ubugome bamugororeye ku neza yabagiriraga, agahinda gakomeye yagiriye mu gashyamba ka Getsemani ashengurwa n'uburemere bw'umutwaro w'ibyaha by'abari mu isi; kugambanirwa kwe agatangwa mu maboko y'igico cy'abagome; guteraganwa ko mu ijoro riteye ubwoba; uko bamuboshye ariko ntiyirwaneho, abigishwa be yakundaga bamutereranye, akubitwa agateraganirwa mu mihanda y'i Yerusalemu; Umwana w'Imana asuzugurirwa imbere ya Ana; ajyanwa mu ngoro y'umutambyi; Pilato amucira urubanza, ajyanwa imbere y'umugiranabi Herode; bamukoba, bamutuka, bamwica urw'agashinyaguro, ku iherezo bamucira urwo gupfa. Ibyo byose bigaragara neza imbere ya bose.

Hanyuma imbere y'iryo teraniro ryifashe impungenge, hahita andi mashusho ateye ubwoba n'agahinda, yo kubona uwo Munyamibabaro wamenyereye intimba agenda ateguza mu nzira igana i Kaluvari; kubona Igikomangoma cyo mu ijuru amanitswe ku musaraba; abatambyi b'abanyagasuzuguro na rubanda bamukoba ariho asambira ku musaraba; umwijima utigeze kubaho; isi ihinda umushyitsi, ibitare bimeneka, ibituro bikinguka, bigaragaza umwanya wahise ubwo Umucunguzi w'isi yatangaga ubugingo bwe.

Ibyo bintu biteye ubwoba bigaragara nk'uko byakozwe. Satani n'abamarayika be hamwe n'abayoboke be bose, nta bushobozi bagifite bwo guhindura ibikorwa byabo bibi bakoze. Ikibi cyose umuntu wese yakoze akibona kimeze nk'uko yagikoze. Herode wishe abana b'abaziranenge b'i Betelehemu kugira ngo yicemo n'Umwami wa Isiraheli; Herodiya aremerewe n'igicumuro cy'amaraso ya Yohana Umubatiza; umunyantege nke Pilato wakoreraga gucungura igihe gusa; abasirikari b'abakobanyi, abatambyi n'abatware b'Abayuda n'iteraniro ry'abantu bari bashutswe bemera gusakuza bavuga abati: "Amaraso ye azatubeho n'abana bacu!"- bose bibonera ububi bw'ibyaha bakoze. Bashatse aho bihisha igitsure cy'Umwami w'ijuru n'ubwiza bwe burabagirana nk'izuba maze barahabura, mu gihe abacunguwe bo barambikaga amakamba yabo ku birenge by'Umukiza, buri wese atera hejuru ati: "Yaramfiriye!"

Muri iryo teraniro ry'Abacunguwe harimo intumwa za Yesu, intwari Pawulo, Petero w'umunyabwira, Yohana ukundwa kandi agakunda, ndetse na bagenzi babo, bari hamwe n'imbaga nini y'abapfuye bazira kwizera kwabo; mu gihe hanze y'umurwa hazaba hari ibibi n'ikintu cyose kizira, hazaba abarenganyirije abandi kwizera kwabo, ababashyize mu mazu y'imbohe, n'ababaciye imitwe. Hazaba hari Nero wa mwami uteye ubwoba w'imico ya kinyamaswa n'umugizi wa nabi, azaba areba umunezero

no gushyirwa hejuru kw'abo yajyaga yica urubozo, kugira ngo anezeze Satani. Nyina wa Nero azaba ahari yirebera ingaruka z'ibikorwa by'umuhungu we; areba ikimenyetso cy'imico mibi yarazwe na Nyina, irari yashyigikiye kandi akarifasha kujya mbere anatanga icyitegererezo; ibyo byeze imbuto z'ubugome bwahindishije isi yose umushyitsi.

Aho kandi hazaba hari abapapa n'ibyegera byabo bihamiriza ubwabo ko ari bo basimbura Kristo ku isi, nyamara bagakoresha inyundo, gereza n'ibibando kugira ngo babashe kuyobora umutimanama w'ubwoko bwe. Hari abapapa bikujije, bishyira hejuru y'Imana ndetse bakabigaragarisha guhindura amategeko y'Isumbabyose. Bamwe biyitaga urufatiro rw'itorero, bafite urubanza bagomba kwisobanuraho imbere y'Imana. Bakererewe kumenya ko Umenya byose afuhira amategeko ye kandi azashyira igicumuro cyose ku mugaragaro. Noneho basobanukirwa ko Kristo yita cyane ku bamubabarijwe, bakiyumvam imbaraga y'aya magambo:"Ubwo mwabikoreye umwe muri bene Data aba boroheje bari hanyuma y'abandi nijye mwabikoreye. "[913]

Abanyabyaha banze kwihana bose barindirijwe urubanza rukomeye mu rukiko rw'Imana kuko bagomeye ubutegetsi bwo mu ijuru. Ntawe ubaburanira muri urwo rubanza, nta n'impamvu bafite bashobora kwerekana, maze bacirwa urwo gupfa by'iteka ryose.

Noneho bigaragara ko ibihembo by'ibyaha atari umudendezo, atari ubugingo buhoraho, ahubwo ari ububata, ukurimbuka, n'urupfu rw'iteka ryose. Abanyabyaha babonye ibyo bakoze mu kubaho kwabo bagomera Imana. Bahinyuye cyane agaciro k'ibyiza bitarondoreka ubwo bajyaga babibwirwa, ariko mbega ngo ubu baraba babifitiye inyota, "umuntu wese muri bo atera hejuru ati: "Ibi byose nagombaga kubikora, ariko nahisemo kwitandukanya na byo, mbega ngo birantungura ! amahoro, umunezero n'icyubahiro, nabiguranye ubugome, umuvumo n'ubwihebe." Bose basobanukirwa n'uko igihano cyo kubura ijuru ari icy'ukuri kibakwiriye. Mu kubaho kwabo baravugaga bati:"Ntidushaka ko uyu muntu [Yesu] aba Umwami wacu."

Maze nk'aho abanyabyaha babaye nk'abafunguriwe umuryango ngo barebe, babona Umwana w'Imana yimikwa. Bamubonana mu biganza bye, ibisate by'amabuye bibiri byanditsweho amategeko y'Imana, babona amabwiriza yose bahinyuye, bakayagomera. Babona uko abacunguwe basimbagizwa n'ibyishimo baramya Imana, kandi ubwo amajwi yabo meza yarangiriraga mu Murwa no hanze yawo, bose batangarira mu ijwi rihuje bati: "Mwami Imana Ishobora byose, imirimo yawe irakomeye kandi iratangaza, Mugabe w'amahanga inzira zawe ni izo gukiranuka n'ukuri. "[914] Maze bikubita hasi baramya Umwami utanga ubugingo.

Ubwo Satani yabonaga ikuzo no gukomera bya Kristo, yabaye nk'ufashwe n'ikinya. Wa wundi wahoze ari umwe mu bakerubi batwikira yibuka aho yaguye. Umuserafi urabagirana, "umwana wo mu museke;" mbega ukuntu yahindutse, mbega ukuntu yambuwe icyubahiro! Yakuwe mu nama yari afitemo icyubahiro ubutazayigarukamo ukundi. Noneho abona undi mu Marayika uhagaze iruhande

913 Matayo 25:40

914 Ibyahishuwe 15:3

rw'Imana Data, arabagiranaho ishusho Ye. Satani yari abonye Marayika yasumbaga kera afata ikamba aritamiriza uruhanga rwa Yesu, ubwo asobanukirwa n'uko uwo mwanya ukomeye utyo wakagombye kuba uwe.

Satani yibuka igihe yari akiri iwabo atunganye kandi ari umuziranenge, amahoro n'umunezero yahoranye kugeza igihe yatangiriye kwivovotera Imana no kugirira Yesu ishyari. Yibuka ibirego bye, ubugome bwe n'uko yibeshye agashaka kwikururiraho abamarayika, yibuka uburyo yanze kwisubiraho agakomeza kwizirika ku nama ze z'ubugome, ubwo Imana yamusezeraniraga kumubabarira – ibyo byose bimugaruka mu bwenge biri ku murongo. Yibuka amarorerwa yakoreye abantu n'ingaruka zayo, yibuka urwango yabibye mu bantu, yibuka ibyorezo biteye ubwoba yazanye ku isi, kwimikwa no guhanguka kw'ingoma zo ku isi, gusimburana kw'intebe za cyami, impagarara, intambara, n'ubugome bihora byiyongera ku isi. Yibuka uko yihatiye kurwanya umurimo Kristo no kuroha abantu mu mworera. Yabonye ko inama ze z'ubwicanyi zitagize imbaraga yo gutsemba abashyize ibyiringiro byabo muri Kristo. Ubwo Satani yasubizaga amaso inyuma akareba ingoma ye, akareba ingaruka y'umurimo we, yabonaga gutsindwa n'irimbukiro gusa. Yibuka ko yijeje abantu be ko kwigarurira Umurwa w'Imana byoroshye cyane; hanyuma aza kubona ko yababeshyaga. Nanone kandi,yibuka ko uko ibihe byagiye bisimburana, uko intambara ikomeye yagiye ikurikirana, yakomeje kugenda atsindwa ariko akanga kuvirira urugamba. Yari azi neza ubwe imbaraga n'ububasha by'Uhoraho.

Umugambi w'iki kigomeke ruharwa wari uwo kwitsindishiriza no guhamya ko ubutegetsi bw'Imana ari bwo bwateye ubwigomeke. Muri icyo gihe giheruka ni ho, imbaraga n'ubwenge bye bikomeye bizaba bibogamiye cyane. Yari yarabikoresheje mu buryo bwose, kandi akabona umusaruro umushimishije, yunguka abantu benshi cyane bemera gufatanya nawe mu ntambara ikomeye imaze igihe kinini yaratangiye. Mu myaka ibihumbi uwo mutware w'abagome yihatiye kugoreka ukuri. Ariko igihe cyari gisohoye, ngo ubugome butsindwe buheruka, maze amateka ya Satani n'imico ye, bishyirwe ku karubanda. Mu muhati we uheruka wo kwimura Kristo ku ntebe ya Cyami, kwica no gutsemba abamwizera no kwigarurira Umurwa w'Imana, shebuja w'ibinyoma yari yiyambitse uburyarya. Abemeye gufatanya na we, na bo babonye ko atsinzwe burundu. Abayoboke ba Kristo hamwe n'abamarayika bera, bareba mu buryo bwose ubuhendanyi Satani yakoresheje arwanya Leta y'Imana. Ni we wari uteye impungenge isi n'ijuru.

Nuko Satani na we ubwe anyurwa n'ubutabera bw'Imana ko kugomera Imana k'ubushake koko bikwiriye kumubuza ijuru. Yari yaramenyereje imbaraga ze kurwanya Imana; ubutungane, amahoro n'ubumwe birangwa mu ijuru byajyaga kumubuza umutekano. Noneho ibirego bye birwanya imbabazi n'ubutabera by'Imana byari byacecekeshejwe. Ibirego byose yari yashyize kuri Yehova ngo amurwanye biba ari we bigaruka ku mutwe uko byakabaye. Noneho Satani arapfukama kandi yemera ko urubanza yaciriwe rutabera.

"Mwami ni nde utazakubaha cyangwa ngo ye guhimbaza izina ryawe ko ari wowe wenyine wera? Amahanga yose azaza akwikubite imbere akuramye, kuko imirimo yawe yo gukiranuka igaragajwe."[915] Ikibazo cyose cy'ukuri n'ibinyoma

915 Ibyahishuwe 15:4

muri iyo ntambara cyashyizwe ahagaragara. Ingaruka z'ubugome, imbuto zo kwirengagiza amabwiriza y'ijuru, byagaragarijwe abaremwe bose. Ibikorwa bya Satani n'amategeko ye arwanya ubutegetsi bw'Imana byagaragarijwe abaturage b'isi n'abo mu ijuru. Ibyo Satani yakoze biramugarutse, bimuciraho iteka. Ubwenge, ubutabera no kugira neza by'Imana bizahoraho iteka ryose. Birumvikana ko muri iyo ntambara ikomeye, ibyo Imana yashatse byose bigezweho hamwe n'ukubaho neza kw'ubwoko bwayo no kugubwa neza kw'amasi yose Imana yaremye. "Uhoraho, ibyo waremye byose nibigushimire, indahemuka zawe zigusingize."[916] Amateka y'icyaha azahora yerekana ko gukomeza amategeko y'Imana kudatandukana n'umunezero w'ibyo yaremye byose. Ibyabaye mu gihe cyose cy'intambara ikomeye byongeye kugaragarizwa isi n'ijuru, ari abakiranutsi n'ibyigomeke, baterere hejuru icyarimwe bati: " Mugabe w'amahanga inzira zawe ni izo gukiranuka n'ukuri. "

Mbere hose, isi yose yari yareretswe igitambo gihebuje Imana Data n'Umwana batambiye abantu. Igihe cyari kigeze kugira ngo Kristo ajye mu mwanya we w'icyubahiro wamugenewe, kandi ashyirwe hejuru asumbe ibinyabubasha byose n'ubutware bwose n'izina ryose ryabayeho. Kubwo ibyishimo byamushyizwe imbere byo kugeza abantu be mu cyubahiro, yihanganiye umusaraba ntiyita ku isoni zawo. Umubabaro we no gukozwa isoni birenze ibitekerezo byose, ariko ikinejeje kurutaho ni uko ibyo byasimbuwe n'ibyishimo n'icyubahiro. Yitegereza abacunguwe bari bamaze kugarurirwa ishusho ye bari baranyazwe, umuntu wese muri bo yambitswe ubwiza bugaragaza ishusho y'abaturajuru, mu maso ha buri wese harabagirana ishusho y'Umwami we. Abona kuri bo imbuto z'umurimo we, abibonye atyo aranyurwa. Nuko mu ijwi rikomeye ryumvikanye mu matwi y'abacunguwe n'abanyabyaha aratangaza ati: "Aba ni ikiguzi cy'amaraso yanjye! Aba nibo nababarijwe, aba ni bo napfiriye kugira ngo bazahore imbere yanjye uko ibihe bihaye ibindi." Maze abambaye amakazu yera bazengurutse intebe ya Cyami, bahanika indirimbo yo gushima bagira bati: "Umwana w'intama watambwe ni We ukwiriye ubutware n'ubutunzi, ubwenge n'imbaraga no guhimbazwa n'icyubahiro n'ishimwe!"[917]

Nubwo Satani yabonye ko ari ngombwa kwemera ubutabera bw'Imana n'isumbwe rya Kristo no kwemera kumupfukamira, nyamara imico ye ntiyahindutse. Umwuka w'ubugome, umeze nk'umugezi uhurura cyane, wongera kwigaragaza. Azabiranyijwe n'uburakari, Satani ntiyabasha kwemera ko atsinzwe mu ntambara ikomeye. Igihe cyari kigeze cyo gushoza urugamba ruheruka no kugaba ibitero k'Umwami w'ijuru. Yiroha mu ngabo ze hagati : abaroha mo umwuka w'uburakari bwe, abahwiturira guhita bashoza intambara ako kanya. Ariko mu ngabo miliyoni nyinshi z'abanyabibi, abo yari yarinjijemo umwuka w'ubugome, nta n'umwe wari ucyemera ikuzo rye. Ububasha bwe bwari bugeze ku iherezo. Abanyabyaha nabo buzura umwuka wo kwanga Imana babitewe na Satani; ariko bareba amaherezo yabo bagacika intege, bagasanga ko ari iby'ubusa kongera gushotora Yehova. Noneho uburakari bwabo bugaruka kuri Satani n'abafatanyije nawe kubayobya, barabahinduka bafite umwuka nk'uw'abadayimoni.

Uwiteka aravuga ati: "Kuko wagereranyije umutima wawe n'umutima w'Imana

916 Zaburi 145:10, Bibiliya Ijambo ry'Imana
917 Ibyahishuwe 5:12

ni cyo gituma ngiye kuguteza inzaduka z'abanyamahanga bateye ubwoba, na bo bazakuhira inkota zabo zikumareho ubwiza bw'ubwenge bwawe, banduze no kubengerana kwawe. Bazakumanura bakurohe mu rwobo". "Nzakurimbura wa mukerubi utwikira we, ngukure hagati y'amabuye yaka umuriro. Nakujugunye hasi ngutangariza imbere y'abami kugira ngo bakwitegereze. Nzaguhindura ivu imbere y'abakureba bose, abakuzi bose bazagutangarire kandi ntabwo uzongera kubaho ukundi. "Ibyuma abafite intwaro bari bifurebye mu ntambara byose n'imyenda igaraguwe mu maraso, bizaba ibyo gutwikwa bibe nk'inkwi zo mu muriro." "Kuko Uwiteka arakariye amahanga yose, akaba afitiye ingabo zayo zose umujinya, yarabarimbuye rwose arabatanga ngo bapfe." "Azavubira abanyabyaha ibigoyi, umuriro n'amazuku n'umuyaga wotsa, bizaba umugabane wabo bawunywere mu gikombe. "Umuriro uzava mu ijuru ku Mana. Isi izaturagurika. Ibirimi by'umuriro ukongora bikwire impande zose. Ibitare byose biragurumana. Umunsi urasohoye uzaba utwika nk'itanura rigurumana umuriro. Ibyo byose biremeshwa bizashongeshwa no gushya cyane, isi n'ibiyikorerwamo bizashirira. Isi yose izaba isa n'inyanja y'ubutare buvanze n'umuriro. Kizaba ari igihe cyo guca urubanza no kurimbura inkozi z'ibibi, "umunsi wo guhora k'Uwiteka, n'umwaka wo kubitura inabi bagiriye i Siyoni. "[918]

Abanyabyaha bazaherwa ingororano zabo ku isi.[919] "Bazaba ibishingwe: kandi umunsi ugiye kuza uzabakongora. Niko Uwiteka Nyiringabo avuga."[920] Bamwe bazarimbuka mu gihe runaka, naho abandi bamare iminsi myinshi bababazwa. Bose bazahanwa "hakurikijwe ibyo bakoze. "Ibyaha by'abakiranutsi byageretswe kuri nyirabyo Satani, ni cyo gituma atazababarizwa ubugome bwe gusa, ahubwo azababarizwa n'ibyaha byose yakoresheje abantu b'Imana. Igihano cye kizaba kiremereye cyane kurenza kure igihano cy'abo yoheje gukora ibyaha. Nyuma y'uko abo yoheje bose bazaba bamaze gushiraho, Satani azakomeza kubaho asigare wenyine ababarizwa ibyaha byose yokoje isi. Mu muriro wo kweza, abanyabyaha nibo bazarimburwa ubuheruka, umuzi n'ishami - Satani niwe muzi, naho abayoboke be ni amashami. Igihano cy'abishe amategeko y'Imana kizaba kimaze gutangwa; ibisabwa mu butabera bizaba byashohojwe, kandi ijuru n'isi bibireba bizatangaza ugukiranuka kwa Yehova.

Ibikorwa bya Satani byo kurimbura bizaba birangiye ubutazongera kubaho ukundi. Mu gihe cy'imyaka ibihumbi bitandatu, Satani yashohoje ibyo yifuzaga byose, isi yose ayuzuzamo amahano atera ijuru n'isi agahinda. Ibyaremwe byose byakomeje kuniha no kugendana umubabaro. None byose bibatuwe by'iteka ryose mu bishuko no mu bigeragezo bye. "Isi yose ihawe ihumure, iratuje: [abakiranutsi] baraturagara bararirimba. Ijwi ry'abantu benshi risa n'iry'amazi menshi asuma, n'irisa n'iryo guhinda kw'inkuba gukomeye kwinshi rivuga riti: "Haleluya ! Kuko Umwami Imana yacu Ishobora byose iri ku ngoma."[921]

Ubwo isi yari itwikiriwe n'ibirimi by'umuriro, abera bari barindiwe mu Murwa Wera. Kuko bari bafite umugabane mu muzuko wa mbere, urupfu rwa kabiri

918 Ezekiyeli 28:6-8, 16-19; Yesaya 9:5; 34:2; Zaburi 11:6; Malaki 4:1, 2; 2 Petero 3:10; Yesaya 34:8
919 Imigani 11:31
920 Malaki 4:1
921 Yesaya 14:7; Ibyahishuwe 19:6.

ntirwari rubafiteho ububasha. Mu gihe ku banyabyaha Imana ari umuriro ukongora, ku bakiranutsi bo, ni izuba n'ingabo ibakingira.[922]

Nuko mbona ijuru rishya n'isi nshya, kuko ijuru rya mbere n'isi ya mbere byari byashize.[923] Umuriro warimbuye abanyabyaha ni wo wejeje isi. Akamenyetso kose k'umuvumo w'icyaha kazaba gahanaguwe. Nta muriro wa gihenomu uzahora waka iteka ryose ngo uhore wibutsa ingaruka z'icyaha ziteye ubwoba.

Urwibutso ruzahoraho ni rumwe gusa: Umucunguzi wacu azahorana inkovu zo kubambwa Kwe. Ku mutwe we, mu rubavu, mu biganza, no ku birenge, niho gusa hazasigara ikimenyetso cy'igikorwa giteye ubwoba icyaha cyatuzaniye. Umuhanuzi yaravuze ati: "Dore Kristo mu cyubahiro cye, kurabagirana kwe kwari kumeze nk'umucyo, aho niho ububasha bwe bwari bubitswe."[924] Mu gikomere cyo mu rubavu hatembyemo isoko y'amazi avanze n'amaraso niho urufatiro rwahuje umuntu n'Imana, niho icyubahiro cye gitangirira, niho "habitswe ububasha bwe." Ububasha bukiza buboneka binyuze mu nama y'agakiza, afite ububasha bwo gucira iteka abasuzugura ubuntu bw'Imana. Ikimenyetso cye cyo gucishwa bugufi, nicyo cyahindutse icyubahiro cye; mu bihe by'iteka ryose, ibikomere by'i Kaluvari bizakomeza kwerekana ishimwe, kandi bitangaze imbaraga ze.

"Nawe Munara w'umukumbi, umusozi w'umukobwa w'i Siyoni, ubutware bwa mbere buzakugarukira."[925] Igihe kirageze, ubwo abera bategereje bafite amatsiko menshi, uhereye igihe inkota zakaga umuriro zabuzaga ababyeyi bacu ba mbere kugaruka muri Edeni, igihe cyo "gucungura burundu abo Imana yagize abayo."[926] Umuntu yahawe isi mu itangira ngo ayitegeke, maze umuntu ayitanga mu maboko ya Satani, yakomeje kuba mu butware bw'uwo munyabugome, yongeye kumugarurirwa n'inama ikomeye y'agakiza. Icyapfukiranwe n'icyaha cyose kirakomorerwa. Inama y'Imana ya mbere yari iyo kurema isi ituwemo n'abacunguwe. "Kuko Uwiteka waremye ijuru ariwe Mana, ariwe waremye isi akayibumba, akayikomeza, ntiyayiremye idafite ishusho ahubwo yayiremeye guturwamo."[927] Abakiranutsi bazaragwa igihugu, bakibemo iteka ryose. "[928]

Impungenge z'uko ahazaza tuzaragwa umurage uzahoraho, zateye abantu benshi gushidikanya ukuri kwatumaga dutegereza kuzabona iwacu heza. Kristo yasezeraniye abigishwa be yuko agiye kubategurira amazu meza mu rugo rwa Se. Abizera inyigisho zo mu ijambo ry'Imana bose, ntibazabura gusobanukirwa n'ibyerekeye iwacu mu ijuru. "Kandi iby'ijisho ritigeze kubona cyangwa ngo byumvishwe amatwi, bikaba bitigeze kwinjira mu mutima w'umuntu, ni byo Imana yateguriye abayikunda."[929] Imvugo ya mwene muntu ntishobora gusobanura agaciro k'ingororano izahabwa abakiranutsi. Uzayimenya wenyine ni uzayihabwa. Nta bwenge bw'umwana w'umuntu bwabasha gusobanura ubwiza bwa Paradiso y'Imana.

Muri Bibiliya umurage w'abakiranutsi witwa "igihugu cyangwa gakondo." Niho

922 Ibyahishuwe 20:6; Zaburi 84:11
923 Ibyahishuwe 21:1
924 Habakuki 3:4
925 Mika 4:8
926 Abanyefezi 1:14, Bibiliya Ijambo ry'Imana
927 Yesaya 45:18
928 Zaburi 37:29
929 1 Abakorinto 2:9

Umwungeri mwiza ayobora umukumbi we ku isoko y'amazi y'ubugingo. Niho hari igiti cy'ubugingo cyera imbuto zacyo uko ukwezi gutashye, maze ibibabi byacyo bigakiza amahanga. Niho hari n'imigezi idakama y'amazi y'urubogobogo abonerana nk'isarabwayi, iyo migezi ikikijwe n'ibiti bihora bitoshye bizana amahumbezi mu nzira zateguriwe abacunguwe b'Uhoraho. Hari n'ibibaya bigari bigiye bibamo udusozi dutatseho ubwiza n'imisozi itumburutse y'Imana. Muri ibyo bibaya bituje, ku nkengero z'iyo migezi ihora itembana ituze, niho iwabo w'abacunguwe, bamaze igihe kirekire babungera mu isi none ubu bazaba bageze imuhira.

Abantu banjye bazatura ahantu h'amahoro, babe mu mazu akomeye no mu buruhukiro butuje." "Urugomo ntiruzongera kumvikana mu gihugu cyawe, ntihazaba gusenya no kurimbura, aho ingabano zawe zigera hose. Ahubwo inkike zawe uzazita Agakiza, n'amarembo yawe uzayita Ishimwe." Bazubaka amazu bayabemo, kandi bazatera inzabibu barye imbuto zazo. Ntibazubaka amazu ngo abandi bayabemo, ntibazatera inzabibu ngo ziribwe n'abandi, kandi bazamara imyaka nk'ibiti, kandi abatoni banjye bazashyira kera bishimire imirimo y'intoki zabo. "[930]

Aho ngaho "Ubutayu n'agasi bizabanezererwa, igihugu cyumagaye kizishima kirabye indabyo, indabyo zizarabya nk'amalisi." "Mu cyimbo cy'umufatangwe hazamera umuberoshi, mu cyimbo cy'umukeri hazamera umuhadasi". "Isega rizabana n'umwana w'intama, ingwe izaryama hamwe n'umwana w'ihene, kandi umwana muto azabiragira". "Ibyo ntibizaryana kandi ntibizonona hose ku musozi wanjye Wera". Niko Uwiteka avuga.[931]

Nta mubabaro uzaba mu ijuru no mu isi nshya. Nta marira azabayo nta mirongo y'abajya guhamba izaharangwa, nta matangazo azumvikanayo kandi nta n'imyambaro y'abapfushije azumbarirwayo. "Nta rupfu ruzabaho ukundi, kandi umuborogo cyangwa gutaka cyangwa kuribwa ntibizabaho ukundi kuko ibya mbere bizaba bishize. " "Nta muturage waho uzataka indwara, kandi abahatuye bazababarirwa gukiranirwa kwabo."[932]

Hazaba Ururembo rwa Yerusalemu Nshya, Umurwa Mukuru w'isi y'ubwiza izaba yagizwe nshya, "ikamba ry'ubwiza riri mu ntoki z'Uhoraho, n'igisingo cy'Ubwami kiri mu ntoki z'Imana yawe. "ruzaba rurabagirana umucyo nk'uwo amabuye y'igiciro cyinshi, rushashagira nk'ibuye rya Yasipi, ribonerana nk'isarabwayi. "Amahanga yarokotse, azagendera mu mucyo warwo, abami bo mu isi bazaneyo ubwiza bwabo. " "Nzanezererwa i Yerusalemu nishimire abantu banjye. " " Dore ihema ry'Imana riri hamwe n'abantu kandi izaturana na bo, na bo bazaba abantu bayo, kandi Imana ubwayo izabana na bo ibe Imana yabo."[933]

Muri uwo Murwa w'Imana "nta joro rizabayo." Nta n'uzakenera kuruhuka. Ntawe uzananizwa no gukora ibyo Imana ishaka cyangwa ngo acogozwe no kuramya izina ryayo. Tuzahorana amahumbezi y'igitondo gihoraho. "Ntibazongera gukenera urumuri rw'itara cyangwa urw'izuba, kuko Nyagasani Imana azababera urumuri maze bime ingoma iteka ryose."[934] Umucyo w'izuba uzasimburwa no kurabagirana

930 Yesaya 32:18; 60:18; 65:21, 22
931 Yesaya 35:1; 55:13; 11:6, 9.
932 Ibyahishuwe 21:4; Yesaya 33:24.
933 Yesaya 62:3; Ibyahishuwe 21:11, 24; Yesaya 65:19; Ibyahishuwe 21:3
934 Ibyahishuwe 22:5, Bibiliya Ijambo ry›Imana.

kw'ubwiza kutabasha kubabaza amaso nk'ibikezikezi by'izuba risanzwe, nyamara umucyo w'uko kurabagirana ukubye incuro nyinshi uw'izuba risanzwe mu gihe cya ku manywa. Ubwiza bw'Imana n'ubw'Umwana w'Intama bwuzuza imyambi y'umucyo utagabanuka muri urwo rurembo rwera. Abacunguwe bazagendagenda buri munsi mu mucyo w'ubwiza utagira icyokere cy'izuba.

"Icyakora sinabonye urusengero muri urwo rurembo, kuko Umwami Imana Ishoborabyose n'Umwana w'intama aribo rusengero rwaho."[935] Abantu b'Imana bafite amahirwe yo kugirana umushyikirano weruye n'Imana Data hamwe n'Umwana wayo. "Icyakora none ubu turebera mu ndorerwamo ibirorirori."[936] Tubonera mu bikezikezi ishusho y'Imana nko mu ndorerwamo mu byaremwe no mu by'Imana ikorera abantu; ariko icyo gihe tuzarebana mu maso duhanganye, ari nta nyegamo hagati yacu. Tuzahagarara imbere ye twitegereze ubwiza bwo mu maso ye.

Icyo gihe abacunguwe bazamenya nk'uko nabo bamenywe. Urukundo n'impuhwe Imana ubwayo yateye mu mitima y'abantu ruzaba rubonye igihe gikwiriye kandi cyiza cyo gukoreshwa. Kugirana umushyikirano utaziguye n'ibiremwa byera, uguhuriza hamwe imibereho rusange n'abamarayika bahiriwe hamwe n'abakiranukiye Imana mu myaka yose bameshe amakanzu yabo, bakayejesha amaraso y'umwana w'intama, ipfundo ryera rifatanyiriza hamwe "umuryango wose wo mu ijuru n'uwo mu isi."

Aho mu isi nshya, abacunguwe mu bwenge bwabo butajijwa bazanezezererwa ibitangaza by'imbaraga yo kurema n'amabanga y'urukundo rw'Umucunguzi.
Nta mugizi wa nabi uzaba ahari, nta mwanzi wo kwoshya abantu kwibagirwa Imana. Ubwenge n'impano zose bizakomeza gukura. Ubumenyi bushya buzajya bwungukwa ntibuzananiza imitima yacu kandi ntibuzacogoza imbaraga zacu. Umugambi mwiza watekerejwe uzagerwaho, kandi icyifuzo cyatangiwe kizashimisha abantu, n'icy'umuntu yifuje kugeraho kizashoboka. Ariko bazahora batera intambwe zo kuzamuka mu rwego rw'ubumenyi, bazahora bunguka ibishya byo kubatangaza, ukuri gushya bazaba bagomba kumenya, kandi imbaraga z'ubwenge, umutima, n'umubiri, bizahora bivugururwa.

Ubutunzi bwose bwo mu ijuru n'ubwo mu isi buzagaragazwa bube ibyigisho by'abacunguwe. Bazajya bagurukisha amababa nk'ibisiga bajye gusura ayandi masi, yahindishijwe umushyitsi no kumva amahano yagwiriye isi yacu, maze bahanike indirimbo y'umunezero w'ubutumwa bwacunguye abo bantu. Mu byishimo bitavugwa, abana b'iyo si, binjire mu munezero bafite ubwenge nk'ubw'ibiremwa bitakoze icyaha. Bazafatanyiriza hamwe ubutunzi bw'ubwenge no kumenya by'ibihe byose, bitegereza umurimo Imana yakoresheje ukuboko kwayo. Bazareba ubwiza bw'iby'Imana yaremye nta kibatwikiriye; izuba n'inyenyeri bizaba biri kuri gahunda yabyo, byose bigendera kuri gahunda byahawe, bikagenda bizenguruka intebe y'Imana. Kuri ibyo byose uhereye ku byoroheje ukageza ku bikomeye byanditsweho izina ry'Umuremyi wabyo, kandi muri byo, hagaragara ubutunzi n'imbaraga Umuremyi yabigabiye.

Kandi mu bihe bidashira, uko imyaka ihita indi igataha, niko abacunguwe bazarushaho kubona amahishurwa y'ubwiza bw'Imana na Kristo. Uko ubumenyi

935 Ibyahishuwe 21:22.
936 1 Abakorinto 13:12.

buzakomeza kugwira, niko n'urukundo, kubaha Imana, n'umunezero bizakomeza kugwira. Uko abacunguwe bazarushaho kwiga kumenya Imana, niko bazakomeza gutangazwa n'imico yayo. Nk'uko Kristo azajya arushaho guhishurira intore ze ibanga ryo gucungurwa kwabo, n'insinzi yabo mu ntambara ikomeye yarwanye na Satani, niko imitima yabo izarushaho gusimbagizwa n'urukundo. Umunezero ukomeye ubatere gufata inanga zabo z'izahabu, maze abacunguwe ibihumbi cumi ka bihumbi cumi n'ibihumbi ka bihumbi bahanikire rimwe amajwi yabo baririmba indirimbo yo gusingiza.

"Maze numva ibyaremwe byose biri mu ijuru no ku isi n'ikuzimu no mu nyanja, mbese ibyaho byose uko bingana bigira biti: "Iyicaye kuri ya ntebe ya Cyami hamwe n'Umwana w'intama, nibahorane ibisingizo n'icyubahiro, ikuzo n'ububasha iteka ryose."[937]

Intambara ikomeye irarangiye. Icyaha n'abanyabyaha ntibazongera kubaho ukundi. Ijuru ryose n'isi yose birejejwe. Umunezero usaba imitima y'ibyaremwe byose. Imigezi y'ubugingo, umucyo n'umunezero bitemba bituruka ku Murenyi bisendera hose. Guhera ku kanyabuzima gatoya kadashobora kuboneshwa ijisho ukageza ku isi irusha izindi ubunini, ibyaremwe byose, ibihumeka n'ibidahumeka, mu bwiza bwabyo busesuye no mu munezero wabyo uhoraho, bitangaza ko Imana ari urukundo.

937 Ibyahishuwe 5:13, Bibiliya Ijambo ry›Imana.